
ABAKURAMBERE N'ABAHANUZI

Ellen G. White



ABAKURAMBERE N’ABAHANUZI

IRIBURIRO

IJAMBO RY’IBANZE

IGICE CYA 1 - KUKI ICYAHA CYAHAWE AKITO?

IGICE CYA 2 - IREMA

IGICE CYA 3 - IGISHUKO NO GUCUMURA

IGICE CYA 4 - UMUGAMBI WO GUCUNGURWA

IGICE CYA 5 - KAYINI NA ABELI BAGERAGEZWA

IGICE CYA 6 - SETI NA HENOKI

IGICE CYA 7 - UMWUZURE

IGICE CYA 8 - NYUMA Y’UMWUZURE

IGICE CYA 9 - ICYUMWERU CY’IMINSI IRINDWI

IGICE CYA 10 - UMUNARA WA BABELI

IGICE CYA 11 - UMUHAMAGARO WA ABURAHAMU

IGICE CYA 12 - ABURAHAMU MURI KANANI

IGICE CYA 13 - IKIGERAGEZO CYO KWIZERA

IGICE CYA 14 - IRIMBUKA RYA SODOMU

IGICE CYA 15 - UBUKWE BWA ISAKA

IGICE CYA 16 - YAKOBO NA ESAWU

IGICE CYA 17 - YAKOBO AHUNGA N’UBUHUNGIRO BWE

IGICE CYA 18 - IJORO RYO GUKIRANA

IGICE CYA 19 - YAKOBO AGARUKA I KANANI

IGICE CYA 20 - YOSEFU ARI MURI EGIPUTA

IGICE CYA 21 - YOSEFU NA BENE SE

IGICE CYA 22 - MOSE1Iki gice gishingiye mu Kuva 1-4

IGICE CYA 23 - IBYAGO MU MISIRI2Iki gice gishingiye mu Kuva 5 -10

IGICE CYA 24 - PASIKA3Iki gice gishingiye mu Kuva 11; 12:1-32

IGICE CYA 25 - ABISIRAHELI BAVA MU MISIRI4Iki gice gishingiye mu Kuva 12:34-51; 13-15

IGICE CYA 26 - URUGENDO RWO KUVA KU NYANJA ITUKURA UKAGERA KURI SINAYI5text

IGICE CYA 27 - ABISIRAHELI BAHABWA AMATEGEKO6Iki gice gishingiye mu Kuva 19-24

IGICE CYA 28 - ISIRAHELI ISENGA INYANA Y’IZAHABU7Iki gice gishingiye mu Kuva 32 - 34

IGICE CYA 29 - URWANGO SATANI YANGA AMATEGEKO Y’IMANA

IGICE CYA 30 - UBUTURO BWERA N’IMIRIMO YABUKORERWAGAMO8Iki gice gishingiye mu Kuva 25-40; Abalewi 4; 16.

IGICE CYA 31 - ICYAHA CYA NADABU NA ABIHU9Iki gice

gishingiye mu Balewi 10:1-11

IGICE CYA 32 - AMATEGEKO N’ISEZERANO RYA KERA N’IRISHYA

IGICE CYA 33 - URUGENDO RWO KUVA KURI SINAYI KUGERA I KADESHI 10Iki gice gishingiye mu Kubara 11; 12.

IGICE CYA 34 - ABATASI CUMI NA BABIRI 12Iki gice gishingiye mu Kubara 13;14.

IGICE CYA 35 - KWIGOMEKA KWA KORA13Iki gice gishingiye mu Kubara 16; 17

IGICE CYA 36 - BAZERERA MU BUTAYU

IGICE CYA 37 - IGITARE CYAKUBISWE14Iki gice gishingiye mu Kubara 20:1-13

IGICE CYA 38 - URUGENDO RUKIKIYE EDOMU15Iki gice gishingiye mu Kubara 20:14-29; 21:1-9t

IGICE CYA 39 - BIGARURIRA I BASHANI16Iki gice gishingiye mu Gutegeka kwa kabiri 2; 3:1-11.

IGICE CYA 40 — BALAMU17text

IGICE CYA 41 - UBUHAKANYI BWABEREYE KURI YORODANI18Iki gice gishingiye mu Kubara 25

IGICE CYA 42 - AMATEGEKO Y’IMANA ASUBIRWAMO19Iki gice gishingiye mu Gutegeka kwa kabiri 4-6; 28.

IGICE CYA 43 - URUPFU RWA MOSE20Iki gice gishingiye mu Gutegeka kwa kabiri 31-34.

IGICE CYA 44 - BAMBUKA YORODANI21Iki gice gishingiye muri

Yosuwa 1-5:12

IGICE CYA 45 - KUGWA KWA YERIKO22Iki gice gishingiye muri Yosuwa 5:13-15; 6;7

IGICE CYA 46 - IMIGISHA N’IMIVUMO24Iki gice gishingiye muri Yosuwa 8.

IGICE CYA 47 - ABISIRAHELI BAGIRANA AMASEZERANO N’ABANYAGIBEYONI25Iki gice gishingiye muri Yosuwa 9; 10.

IGICE CYA 48 - BAGABANA KANANI26Iki gice gishingiye kuri Yosuwa 10:40-43; 11; 14-22.

IGICE CYA 49 - AMAGAMBO AHERUKA YA YOSUWA27Iki gice gishingiye muri Yosuwa 23, 24.

IGICE CYA 50 - ICYACUMI N’AMATURO

IGICE CYA 51 - UKO IMANA YITA KU BAKENE

IGICE CYA 52 - IMINSI MIKURU NGARUKAMWAKA28Iki gice gishingiye mu Balewi 23

IGICE CYA 53 - ABACAMANZA BA MBERE29Iki gice gishingiye mu Bacamanza 6 - 8; 10.

IGICE CYA 54 — SAMUSONI30Iki gice gishingiye mu Bacamanza 13-16.

IGICE CYA 55 - UMWANA SAMWELI32Iki gice gishingiye mu 1 Samweli 1;2:1-11.

IGICE CYA 56 - ELI N’ABAHUNGU BE33Iki gice gishingiye mu 1 Samweli 2:12;36.

IGICE CYA 57 - ISANDUKU Y’ISEZERANO INYAGWA

N’ABAFILISITI34Iki gice gishingiye mu 1Samweli 3-7.

IGICE CYA 58 - AMASHURI Y’ABAHANUZI

IGICE CYA 59 - UMWAMI WA MBERE W’ABISIRAHELI35Iki gice gishingiye mu 1Samweli 8-12.

IGICE CYA 60 - KWIHANDAGAZA KWA SAWULI36Iki gice gishingiye mu 1Samweli 13, 14.

IGICE CYA 61 - SAWULI ANYAGWA UBWAMI37Iki gice gishingiye mu 1 Samweli 15.

IGICE CYA 62 - DAWIDI ASIGWA AMAVUTA38Iki gice gishingiye mu 1Samweli 16:1-13

IGICE CYA 63 - DAWIDI NA GOLIYATI39Iki gice gishingiye mu 1 Samweli 16:14-23; 17.

IGICE CYA 64 - DAWIDI AHUNGA41Iki gice gishingiye mu 1 Samweli 18-22.

IGICE CYA 65 - IMPUHWE ZA DAWIDI42Iki gice gishingiye mu 1 Samweli 22:20-23; 23-27.

IGICE CYA 66 - URUPFU RWA SAWULI44Iki gice gishingiye mu 1 Samweli 28; 31.

IGICE CYA 67 - UBUPFUMU BWA KERA N’UBWO MURI IKI GIHE

IGICE CYA 68 - DAWIDI I SIKULAGI45Iki gice gishingiye mu 1 Samweli 29; 30; 2 Samweli 1

IGICE CYA 69 - DAWIDI YIMIKWA46Iki gice gishingiye mu 2 Samweli 2 -5:5

IGICE CYA 70 - INGOMA YA DAWIDI47Iki gice gishingiye mu 2

Samweli 5:6-25; 6; 7; 9; 10.

IGICE CYA 71 - ICYAHA CYA DAWIDI NO KWIHANA KWE48Iki gice gishingiye mu 2 Samweli 11; 12.

IGICE CYA 72 - KWIGOMEKA KWA ABUSALOMU49Iki gice gishingiye mu 2 Samweli 13-19.

IGICE CYA 73 - IMYAKA IHERUKA YA DAWIDI50Iki gice gishingiye mu 2 Samweli 24; 1 Abami 1; 1Ngoma 21, 28, 29.

ABAKURAMBERE N'ABAHANUZI

IRIBURIRO

Abanditsi bashyize ahagaragara iki gitabo bahamya badashidikanya ko gitanga umucyo ku ngingo zikomeye no ku bifitiye isi yose akamaro, kandi uwo mucyo ni uwo kwifuzwa bitangaje; uwo mucyo ugaragaza ukuri benshi batari basobanukirwa neza cyangwa se birengagije bikomeye. Intambara ikomeye hagati y'ukuri n'ibinyoma, hagati y'umucyo n'umwijima, ubutware bw'Imana n'umugambi umwanzi wo gukiranuka yagize wo kwishyira hejuru; iyo niyo ngingo nkuru yagombye guhangayikisha isi yose. Iyo ntambara iriho nk'ingaruka y'icyaha, kandi igenda irushaho gukomera mu buryo bwose. Ikuzo ry'Imana no gukuzwa kw'abagaragu bayo ni byo bizayirangiza, kandi ni ihame ridakuka nk'uko Bibiliya ari ibyahishuriwe abantu byakomotse ku Mana. {AA 3.1}

Iryo jambo [Bibiliya] rishyira ahagaragara imiterere y'iyo ntambara, amakimbirane yibasiye ugucungurwa kw'isi; kandi hari ibihe bidasanzwe ibi bibazo bizaba bitacyitaweho, kandi niho kumenya no gusobanukirwa isano yacu bizaba ari ikibazo cy'ikubitiro. {AA 3.2}

Icyo gihe ni iki turimo, aho ibintu byose twiratanaga tukabyubakaho icyizere cyacu cyose iyi ntambara igiye kubishyiraho iherezo. Benshi basa n'ababona ko iyo ntambara ari twebwe twayiteje, naho abandi nubwo birinda cyane gukabya, ngo bitagaragara ko hari uruhande babogamiyeho, babiha agaciro gake ndetse bakanabisuzugura. {AA 3.3}

Ariko se ni nde utifuza guhishurirwa amabanga y'icyateye uko kwigomeka kudasanzwe; gushishoza ububi bwabyo, kwitondera ingaruka zako, no kwiga uburyo twakwirinda inkurikizi zako? Ibyo ni byo iki gitabo cyibandaho. Gitanga umucyo ku gaciro k'Ijambo ry'Imana ryakunze kwirengagizwa. Gitanga ubusobanuro bushya bw'amasezerano n'ubuhanuzi bw'Ibyanditswe Byera, kigatsindishiriza inzira z'Imana n'uburyo ifata ikibazo cyo kwigomeka, kandi kikerekana ubuntu bw'Imana butangaje bukiza umunyabyaha. Iki gitabo kitwerekeza cyane ku gitekerezo cy'igihe imigambi y'Imana yari ihariwe ubwoko bwatoranyijwe. {AA 3.4}

Nubwo kivuga ingingo zishimishije, ingingo zikangura imitima n'intekerezo zacu, uburyo iki gitabo cyanditsemo burahuranyije, kandi kiri mu rurimi rworoshye kandi rwumvikana. Iki gitabo turagikangurira buri wese washimishwa no kwiga iby'umugambi mvajuru wo gucungura umuntu, kandi wifuza kubaka isano ye na Kristo binyuze mu murimo we; ndetse n'abandi bose bashobora gukangurwa n'ibiri muri iki gitabo.

{AA 3.5}

Ndasabira buri wese uzasoma iki gitabo kugira ngo kizamubere umugisha, kandi gitume benshi bagaruka mu nzira y'ubugingo. {AA 3.6}

Ubwanditsi

IJAMBO RY'IBANZE

Iki gitabo gifite insanganyamatsiko ku mateka y'ibyanditswe muri Bibiliya; insanganyamatsiko ku bitari bishya, ahubwo zigaragara nk'izitanga ubusobanuro bushya, zihishura impamvu zidutera gukora, zerekana ibikorwa bimwe na bimwe by'ingenzi, kandi zikazana umucyo utangaje ariko ku buryo bw'incamake ku byanditswe muri Bibiliya. Kubw'ibyo, ibibaho byose bigira imbaraga n'umumaro bishobora kugira impinduka nshya kandi zizahoraho. Uwo mucyo umurikira mu Byanditswe Byera ugamije guhishura byimazeyo imico n'imigambi by'Imana; gushyira ku mugaragaro imitego ya Satani n' uburyo ubutware bwe ku iherezo buzahanguka; kwerekana intege nke z'umutima wa kimuntu n'uko ubuntu bw'Imana bubashisha abantu bayo gutsinda mu ntambara y'ikibi. Ibyo byose bihuje n'icyo Imana yerekanye nk'umugambi wayo ihishurira abantu ukuri kw'Ijambo ryayo. Ibyakoreshejwe mu gutanga ubwo buhishuzi biraboneka — kugeragereshwa Ibyanditswe — ni bumwe mu buryo Imana igikoresha na bugingo n'ubu igeza amabwiriza ku bana b'abantu. {AA 4.1}

N'ubwo muri iyi minsi bitandukanye n'uko byari bimeze kuva mbere na mbere, aho umuntu mu buziranenge n'ubutungane bwe yahabwaga amabwiriza n'Umuremyi we imbonankubone, na n'ubu umuntu ntiyatereranywe ahubwo aracyafite umwigisha mvajuru, uwo Imana yatanze mu cyimbo cyayo; uwo ni Mwuka Muziranenge. Twumva intumwa Pawulo ahamya ko "kumurikirwa" n'umucyo mvajuru ari amahirwe ku bakurikira Kristo; kandi uko "kumurikirwa" kuzanwa no kuba "barahawe kuri Mwuka Muziranenge." (Abaheburayo 10:32; 6:4; B.I.I.). Yohana na we aravuga ati: « Naho mwebwe Kristo Muziranenge yabasize amavuta, ari yo Mwuka we." 1 Yohana 2:20. Kandi Yesu yasezeraniye abigishwa be, ubwo yari agiye kubakurwamo, ko azabohereza Mwuka Muziranenge ngo ababere umujyanama n'umuyobozi mu kuri kose. Yohana 14: 16, 26.

{AA 4.2}

Mu kugaragaza uko iri sezerano rizasohorera ku itorero, intumwa Pawulo, mu nzandiko ze ebyiri, ahamya mu buryo bweruye ko impano za Mwuka zahawe itorero

kugira ngo rikomezwe kandi rihugurwe kugeza ku mperuka y’isi. (1 Abakorinto 12; Abefeso 4:8-13; Matayo 28:20). Ibi ntibihagije: umubare munini w’ubuhanuzi busobanutse kandi bwahuranyije buhamya ko mu minsi ya nyuma, hazabaho gusukwa kudasanzwe kwa Mwuka Muziranenge; kandi itorero muri icyo gihe cyo kuboneka kwa Kristo, nibwo rizagira imbaraga ziheruka zo ‘guhamya Yesu’, arizo Mwuka w’Ubuhanuzi. (Ibyakozwe n’Intumwa 2:17-20, 39; 1 Abakorinto 1:7; Ibyahishuwe 12:17; 19:10). Ibi ni ibihamya by’uko Imana yita kandi ikunda ubwoko bwayo; kubera ko Mwuka Muziranenge nk’Umujyanama, umwigisha, n’umuyobozi, azaba ari kumwe na bo, atari gusa mu bihe bisanzwe, ahubwo no mu bihe bidasanzwe, nta gushidikanya itorero riramukeneye kurusha ibindi bihe ryabayemo kuko rizaba ryinjiye mu bihe by’umubabaro wo mu gihe giheruka. {AA 4.3}

Ibyanditswe byerekana inzira zinyuranye Mwuka Muziranenge ashobora gukorera mu mitima n’ibitekerezo by’abantu kugira ngo amurikire imyumvire yabo kandi ayobore intambwe zabo. Zimwe muri izo nzira harimo iyerekwa n’inzozi. Muri ubu buryo, Imana iracyakomeza kubukoresha ivugana n’abana b’abantu. Hari isezerano ry’Imana kuri iyi ngingo: “Arababwira ati: ‘Nimwumve neza icyo ngiye kubabwira: iyo mbatumyeho umuhanuzi mwimenyeshereza mu ibonekerwa kandi nkamuvugishiriza mu nzozi.’” Kubara 12:6. Hifashishijwe ubu buryo, Balamu yahawe ubumenyi budasanzwe. « Nuko Balamu arahanura ati: ‘Nimwumve ubutumwa bwa Balamu mwene Bewori, nimwumve ubutumwa bw’umuntu ubonekerwa. Ni ubutumwa bw’umuntu wumva amagambo y’Imana, ni umuntu usobanukiwe n’ubwenge bw’Isumbabyose, ni umuntu wabonekewe na Nyirububasha, ni umuntu utwarwa mu iyerekwa akareba. » Kubara 24:15, 16. {AA 4.4}

Nuko rero, bihinduka ikibazo gikomeye kugenzura icyo Ibyanditswe bihamya kubyerekeye uburyo Imana yateguye uko Umwuka Wera azigaragaza mu itorero mu gihe cy’igeragezwa ry’umuntu. {AA 5.1}

Umugambi w’inama y’agakiza umaze kuzura, nk’uko twabibonye, Imana ibinyujije mu murimo w’Umwana wayo n’abamarayika batacumuye, yakomeje kuvugana n’abantu, kubera umworera watewe n’icyaha. Kenshi na kenshi yababwiraga imbonankubone; nk’igihe yavuganaga na Mose, ariko cyane cyane mu nzozi no mu iyerekwa. Ingero z’ubwo buryo bwo kuvugana tuzibona ahantu henshi mu Byanditswe Byera. Henoki, uwa karindwi uhereye kuri Adamu, yahanuye ibyo kugaruka kwa Kristo, uzaza mu cyubahiro n’ikuzo agira ati: ‘Dore Nyagasani azanye n’intore ze ibihumbi n’ibihumbi.’ Yuda 14 ‘Ahubwo abahanuzi bavugaga batumwe n’Imana bayobowe na Mwuka Muziranenge.’ 2 Petero 1:21. Niba harabayeho igihe umwuka w’ubuhanuzi wabaye nk’utakiriho, bigatuma abantu bahenebera mu by’umwuka, aho niho hagaragaye akaga gakomeye itorero ryagize, n’uruhererekane rwaranze iryo hindagurika ry’ibihe. Igihe cyo kwihindura umuntu kwa Kristo kigeze, se wa Yohani Umubatiza yuzujwe Umwuka

Wera maze arahanura. Luka 1:67. Naho Simiyoni yahishuriwe ko atazasinzira atabonye Nyagasani; kandi igihe ababyeyi ba Yesu bamuzanaga mu rusengero kugira ngo bamurambikeho ibiganza, Simiyoni yaje yuzuye umwuka, aramuterura, amusabira umugisha ari nako ahanura ibimwerekeyeho. Kandi n'umuhanuzikazi, Ana na we waje muri ako kanya, yavuze kubya Yesu, abwira abari bategereje gucungurwa bo muri Yerusalemu. Luka 2:26,36. {AA 5.2}

Isukwa rya Mwuka Muziranenge kugira ngo abigishwa ba Kristo babwirize ubutumwa bwiza ryavuzwe n'umuhanuzi muri aya magambo: « Hanyuma y'ibyo nzasuka Mwuka wanjye ku bantu bose, abahungu n'abakobwa banyu bazahanura, abasaza bo muri mwe bazabonekerwa mu nzozi, abasore banyu na bo bazagira iyerekwa. Icyo gihe nzasuka Mwuka wanjye no ku bagaragu no ku baja. Nzerekana ibitangaza ku ijuru no ku isi, hazaboneka amaraso n'umuriro n'umwotsi ucucumuka. Izuba rizijima, ukwezi kuzasa n'amaraso, umunsi w'Uhoraho uzaba utaragera, wa munsi ukomeye kandi uteye ubwoba. » Yoweli 2:28-31. {AA 5.3}

Ku munsi wa Pentekote, Petero yakoresheje ubu buhanuzi mu gusobanura ibitangaza byari bigiye kuba. Indimi zidasanzwe zimeze nk'umuriro ziboneka kuri buri wese wo mu bigishwa, buzuzwa Mwuka Muziranenge, maze bavuga izindi ndimi. Kandi igihe abakobanyi babashinjaga ko basinze ihira, Petero yarabasubije ati, ' Aba ntibasinze nk'uko mubyibwira, kuko ubu ari isaha ya gatatu y'umunsi. Nyamara ibi ni ibyavuzwe n'umuhanuzi Yoweli.' Noneho yifashisha ubuhanuzi dusanga muri Yoweli, nk'uko twabubonye, yakoresheje amagambo 'mu minsi y'imperuka' aho gukoresha 'hanyuma', nk'uko byanditswe ngo, ' niko bizamera mu minsi y'imperuka, nzasuka Mwuka wanjye,... niko Imana ivuga.' Bigaragara neza ko umugabane umwe w'ubuhanuzi bwerekeye isukwa rya Mwuka watangiye gusohozwa kuri uwo munsi, n'ubwo nta basaza bari bahari ngo barote inzozi, cyangwa abasore n'inkumi ngo berekwe kandi banahanure; nta bitangaza by'amaraso, umuriro n'umwotsi ucucumuka byagaragaye; izuba ntiryijimye, ukwezi ntikwahindutse amaraso icyo gihe; ariko ibyabaye byasohozaga ubuhanuzi bwa Yoweli. Nanone kandi uyu mugabane w'ubuhanuzi werekeye isukwa rya Mwuka ntabwo bwarangiriye mu byabaye uwo munsi; kuko ubuhanuzi bwari ubw'iminsi yose uhereye icyo gihe kugeza ku munsi ukomeye w'Uwiteka. {AA 5.4}

Nyamara Umunsi wa Pentekonte wasohozaga ubundi buhanuzi butari ubwa Yoweli. Wasohozaga amagambo ya Kristo ubwe. Mu kiganiro yagiranye n'abigishwa be mbere yo kubambwa, yababwiye aya magambo: 'Nanjye nzasaba Data kubaha undi Mujyanama kugira ngo agumane namwe iteka. Uwo niwe Mwuka w'ukuri. ' Yohana 14:16,17. 'Ariko Umujyanama ariwe Mwuka Wera, uwo Data azohereza mu Izina ryanjye, azabigisha byose.' umurongo wa 26. ' Mwuka werekana ukuri naza azabayobora mu kuri kose.' Yohana 16:13. Yesu amaze kuzuka mu bapfuye yabwiye

abigishwa ati, ‘Kandi nzaboherereza uwo Data yasezeranye, none rero mugume mu murwa mutegereze gusesurwaho ubwo bubasha buvuye mu ijuru.’ Luka 24:49. {AA 6.1}

Ku Munsi wa Pentekonte, abigishwa rero bujujwe imbaraga ikomotse mu ijuru. Ariko iri sezerano rya Kristo ntabwo ryari kugarukira ku isohora ry’ubuhanuzi bwa Yoweli ryari rigaragaye kuri uwo munsi ngo ribe rirangiye. Kuko yabayahe irindi sezerano ribizeza ko azahorana na bo kugeza ku mperuka y’isi. Matayo 28:20. Mariko atubwira uko Nyagasani yagombaga kubana na bo. Aravuga ati, ‘Nuko abigishwa bajya hose bamamaza ibye. Nyagasani yabafashaga muri uwo murimo, atanga ibimenyetso bishyigikira ukuri kw’amagambo yabo.’ Mariko 16:20. {AA 6.2}

Petero na we, ku munsi wa Pentekonte, yahamije ibyo kugumana na Mwuka mu murimo wo guhamya Yesu. Igihe Abayuda bari bemejwe n’ubutumwa babwira intumwa bati: ‘Mbese tugire dute?’ Petero arabasubiza ati: ‘Nimwihane, umuntu wese muri mwe abatizwe mu Izina rya Yesu Kristo, ngo mubone kubabarirwa ibyaha byanyu, kandi namwe muzahabwe iyi mpano ya Mwuka Wera; kuko isezerano ari iryanyu n’abana banyu, n’abari kure bose, abazahamagarwa n’Imana yacu bose.’ (Ibyakozwe n’Intumwa 2:37-39). Ibi bigaragaza nta gushidikanya imikorere ya Mwuka Wera mu itorero, n’uburyo yigaragaza ku buryo budasanzwe mu bihe byose bizaza, igihe imbabazi z’Imana zikirarikira abantu kwakira urukundo rwa Yesu Kristo rubabarira. {AA 6.3}

Nyuma y’imyaka makumyabiri n’umunani, mu rwandiko Pawulo yandikiye Abanyakorinto, yeretse iryo torero ibyerekeye icyo kibazo. Aravuga ati: ‘Bavandimwe, sinshaka ko mwayoberwa ibyerekeye impano za Mwuka.’ (1 Abakorinto 12:1). Yasanze ari ingenzi ko itorero rya Gikristo risobanukirwa n’iyo ngingo. Amaze kuvuga ko n’ubwo Mwuka ari umwe, akora mu buryo bunyuranye. Mu gusobanura ubwo buryo bw’imikorere bunyuranye, yifashishije umubiri w’umuntu, ukuntu ufite ingingo nyinshi, kugira ngo yerekane ko itorero rigizwe n’imirimo n’impano bitandukanye. Nk’uko umubiri ufite ingingo nyinshi, buri rugingo rukagira umurimo warwo, kandi zose zigakorera hamwe ngo zigere ku nshingano, ni ko na Mwuka akoresha inzira nyinshi mu itorero kugira ngo itorero ribe rigize umubiri umwe w’indakemwa mu by’umwuka. Pawulo yakomeje muri aya magambo: ‘Kandi Imana yashyize bamwe mu itorero, ubwa mbere intumwa, ubwa kabiri abahanuzi, ubwa gatatu abigisha, hanyuma abakora ibitangaza, hakaza gukiza indwara, gufasha abandi, kuyobora, no kuvuga indimi zinyuranye.’ Iyo mvugo ngo « Imana yashyize bamwe mu itorero, n’izindi...’ bisobanura ibirenze kuvuga ko hari uburyo bwo gutanga impano ngo mu bihe runaka, zizakoreshwe mu murimo. Ahubwo bisobanura ko izo mpano zagombaga kuba umugabane ntakuka w’iby’umwuka mu itorero, ngo mu gihe zitakoreshejwe mu itorero, zimere nk’uko umubiri w’umuntu umera igihe zimwe mu ngingo zawo, bitewe n’impanuka cyangwa uburwayi, ziremara ntizibe zigifite akamaro. Mu gihe izo mpano

zishyizwe mu itorero, zigomba kugumamo kugeza igihe zikuwemo ku buryo bwemewe. Nyamara ntaho bigaragara ko izo mpano zigeze zikurwa mu itorero. {AA 6.4}

Nyuma y'imyaka itanu, iyo ntumwa yandikiye Abanyefeso ababwira iby'izo mpano, abasobanurira umugambi wazo. Kandi abereka ku buryo buziguye ko basabwa kuzikomeza kubeza igihe umugambi wazo ugereweho. Agira ati, 'Nicyo gituma ivuga iti 'Igihe yazamukaga akajya hejuru yajyanyeyo imfungwa ho iminyago, maze aha abantu impano... Nuko aha bamwe kuba intumwa ze, abandi ngo babe abahanuzi, abandi ngo babe abatangaza Ubutumwa bwiza, naho abandi ngo babe abashumba n'abigisha. Abigenza atyo kugira ngo intore z'Imana zitegurirwe gukora umurimo wayo, maze zubake umubiri wa Kristo. Bityo igihe nikigera, twese tuzashyike ku rugero rw'ubumwe buva ku kwemera Umwana w'Imana, no kumenya byuzuye, kugira ngo tube abantu bahamye bageze ku rugero rwuzuye rwa Kristo.' Abefeso 4:8, 11-13. {AA 7.1}

Itorero ntiryageze ku rugero rw'ubumwe nk'uko byari bimeze mu gihe cy'intumwa, nyuma ho hato, ishuheri y'umwuka ukomeye w'ubuhakanyi watangiye kubudika mu itorero; nta gushidikanya muri icyo gihe cyo gutandukira, ubumwe muri Kristo no mu kwizera ntibyagezweho. Ntibuzanagerwaho kugeza igihe ubutumwa buheruka bw'imbabazi buzabwirizwa abantu bose, n'amoko yose, n'imiryango yose, ngo ivugurura ry'ubutumwa bwiza ribiteguze kugaruka k'Umwana w'umuntu. Kandi mu kuri, niba hari igihe itorero rizaba rikeneye guhumurizwa, kuyoborwa, guterwa umwete n'uburinzi, ni mu gihe rizaba riri mu kaga ko mu minsi iheruka, ubwo imbaraga z'umubi zizaba zikubye inshuro nyinshi, kugira ngo ziyobye n'intore bibaye bishoboka. Hanyuma, mu gihe gikwiye, nk'uko bivugwa n'ubuhanuzi budasanzwe, Umwuka azasukirwa itorero muri iyo minsi y'imperuka. {AA 7.2}

Nyamara n'ubwo byakunze kwigishwa mu nyigisho za bamwe mu Bakristo ku isi, ko impano za Mwuka zari zigenewe intumwa gusa, kandi ko zatanzwe mu rwego rw' itangizwa ry'Ubutumwa bwiza; ariko Ubutumwa bwiza bumaze gushinga imizi, izo mpano ntizaba zigikenewe, bidatinze za mpano zikendera mu itorero. Ariko intumwa Pawulo yaburiye Abakristo bo mu gihe cye ko "amayobera y'ubugome" yatangiye gukora, kandi ati, "nzi neza ko nimara kugenda, amasega aryana azabiraramo, ntababarire umukumbi, kandi no muri mwe ubwanyu hazaduka abantu bavuga ibifutamye, kugira ngo bayobye abigishwa ba Kristo babigarurire." Ibyakozwe n'Intumwa 20:29, 30. Ntibyashoboka rero ko impano zashyiriweho kurinda itorero ibyo bibi, zafatwa nk'aho umugambi wazo warangiye, kandi ariho igihe cyari kigeze, kugira ngo zigaragaze kandi zigire umumaro kuruta igihe intumwa zari mu murimo. {AA 7.3}

Hari andi magambo dusanga mu rwandiko Pawulo yandikiye Itorero ry'i Korinto yerekana imitekerereze yari yaramamaye ko gukomeza kubaho kw'impano bitari ukuri. Atandukanya igihe turimo, imibereho ifite inenge, ubwiza, imibereho izira kudapfa,

aribyo Umukristo azageraho. 1 Abakorinto 13:9, 10 aravuga ati, «Koko rero ubumenyi bwacu ni igicagate, n’uguhanura kwacu ni igicagate. Ariko nihaza ibyuzuye, ibicagase bizakurwaho.» (Bibiliya Ijambo ry’Imana). Nanone agaragaza ko ubuzima bwa none bugereranywa n’igihe cy’ubwana kirimo intege nke, ibitekerezo bigarukira hafi, n’ibikorwa bidafashije; naho kugera ku butungane bikagereranywa n’igihe cy’umuntu mukuru umaze kumenya ubwenge, usobanukiwe kandi ufite imbaraga. Pawulo ashyira impano mu bikenewe muri ubu buzima budatunganye, ubwo tutazongera kugiramo uruhare igihe ubuzima butunganye buzaba bugezweho. Aravuga ku murongo wa 12 ati: “Icyakora none, turebera mu ndorerwamo ibirorirori, ariko icyo gihe tuzarebana duhanganye mu maso. None menyaho igice, ariko icyo gihe nzamenya rwose nk’uko namenywe rwose.” Hanyuma akomeza asobanura ko indorerwamo yifashishijwe mu kwerekana ubuzima buhoraho tuzagira, burimo kwizera, ibyiringiro, urukundo, “ibi uko ari bitatu, ariko ikibiruta byose ni urukundo.” {AA 8.1}

Ibi bisobanura imvugo yo ku murongo wa 8: “Urukundo ntabwo ruzashira”, bivuga ko, urukundo ari rwo buntu bukomoka ku rukundo mvajuru, ruzahoraho iteka ryose; ni ikamba ry’ubwiza umuntu azambikwa, ubugingo budapfa; ariko « niba hariho ubuhanuzi, buzarangira »; bivuga ko igihe kizagera ubwo ubuhanuzi buzaba butagikenewe, kandi n’impano yo guhanura, nk’imwe mu bifasha itorero, na yo izaba itagikoreshwa; ‘ indimi zizakurwaho;’ bisobanuye ko kuvuga indimi bizashira; ‘ubwenge, nk’imwe mu mpano za Mwuka, nabwo buzahindurwa ubusa n’ubwenge buhoraho tuzahabwa mu ijuru. {AA 8.2}

Nituramuka tugiye mu ruhande rwemera ko impano zarangiranye n’igihe cy’intumwa, kuko zitagikenewe, tuba twishyize mu mutego wo guhamya ko icyo gihe cy’intumwa cyari icy’intege nke nk’iz’ubwana mu itorero, aho buri kintu cyagaragariraga mu ndorerwamo nk’igicuze umwijima; ariko igihe cyakurikiyeho, ubwo amasega yinjiraga mu itorero, ntababarire umukumbi, kandi ari nabwo abantu badutse mu itorero bakavuga ibifutamye kugira ngo bayobye n’abigishwa babigarurire, icyo cyari igihe cy’umucyo n’ubwenge nyakuri kigaragaza ko ubwana, umwijima w’ubumenyi bufite inenge byo mu gihe cy’intumwa byarangiye! Ariko dukwiye kwibuka ko impano zireka gukora umurimo wazo igihe ubutungane bugezweho, kubera ko iyo icyo gihe kigeze, bituma ziba zitagikenewe. Ariko nta muntu ufite ibitekerezo bizima wahangara kuvuga ko igihe cy’intumwa aricyo cyaranzwe n’ibya Mwuka biri ku rugero rwo hasi kurusha ibindi bihe byakurikiyeho. Kandi niba impano zari zikenewe icyo gihe, birumvikana ko na n’ubu zikenewe. {AA 8.3}

Bimwe mu byo intumwa yashyize mu nzandiko ze zombi « nk’impano mu itorero », ari mu rwo yandikiye Abanyakorinto n’urwo yandikiye Abanyefeso, dusangamo “abagabura”, “abigisha”, “abafasha”, “abayobozi”, kandi bemererwa gukoresha impano zabo mu buryo bwose, bagakomeza umurimo mu itorero. None se ni kuki

hatabonekamo n’izindi mpano nko kwizera, guhanura, gukiza abarwayi, n’izindi? Ni nde ufite ubushobozi bwo guca akarongo akemeza ko impano zimwe zakuwe mu itorero, kandi mbere hose zose zarimo kandi zingana?

{AA 9.1}

Ibyahishuwe 12:17 hakoreshejwe nk’ubuhanuzi bwerekana ko mu minsi y’imperuka impano zizabyutswa. Igeragezwa ry’ubwo buhamya ryerekanye ko ari iby’ukuri. Ibyanditswe bivuga iby’abasigaye b’urubyaro rwa wa mugore. Umugore ashushanya itorero, naho urubyaro rwe ni abantu bose bagize itorero ibihe byose; kandi ‘abasigaye’ bo mu rubyaro rwe ni Abakristo bo mu gihe giheruka, cyangwa abazaba batuye ku isi ubwo Kristo azaba agarutse. Ibyanditswe kandi bihamya ko abo ‘bakomeza amategeko y’Imana, kandi bakagira guhamya kwa Yesu;’ kandi ‘guhamya kwa Yesu’ kwasobanuwe mu Ibyahishuwe 19:10 ko ari ‘umwuka w’ubuhanuzi,’ ugomba kumvikana nk’imwe mu mpano yiswe ‘impano yo guhanura.’ 1 Abakorinto 12: 9, 10. {AA 9.2}

Gushyira impano mu itorero ntibisobanura ko buri wese agomba kuzigira ngo azikoreshe. Kuri iyi ngingo, intumwa Pawulo mu 1 Abakorinto 12:29 avuga ati, ‘ Mbese bose ni intumwa? Bose ni abahanuzi? Bose ni abigisha?’ … Igisubizo ni Oya, ahubwo impano zisaranganywa mu bagize itorero hakurikije uko Imana yabigennye. Na none kandi iyo impano zishyizwe mu itorero, kandi niba impano isenderejwe ku muntu niyo yaba umwe mu itorero, byitwa ko iyo mpano yahawe itorero, cyangwa ko itorero rifite impano. Kubw’ibyo, abo mu gihe giheruka bagomba kugira impano, kandi ni ibyo kwizerwa ko itorero ryasigaye rifite guhamya kwa Yesu, cyangwa impano yo guhanura. {AA 9.3}

Undi mugabane w’Ibyanditswe wibanzweho cyane werekeza ku minsi y’imperuka kandi wunga kuri iki gitekerezo, ni 1 Abatesalonike 5. Intumwa Pawulo atangiza icyo gice aya magambo: « Ariko bene Data iby’ibihe n’iminsi ntimugomba kubibwirwa, kuko muzi neza yuko umunsi w’Umwami wacu uzaza nk’uko umujura aza nijoro.’ Ku murongo wa 4 yongeraho ati: ‘Ariko mwebweho bene Data, ntimuri mu mwijima, ngo uwo munsi ubatungure nk’umujura’. Hanyuma abaha impanuro ku byerekeye uwo munsi, kandi zimwe muri zo ziri ku mirongo 19-20. ‘Ntimukazimye Umwuka w’Imana kandi ntimugahinyure ibihanurwa, ahubwo mugerageze byose, mugundire ibyiza.’ Ku murongo wa 23 yasengeye ko abazaba ‘bahanura’ batagibwaho n’umugayo kugeza ubwo Umwami azaba agarutse. {AA 9.4}

Mu mbaraga z’ibyo tubonye byose, mbese ntitwahamya dufite kwizera ko impano y’ubuhanuzi izigaragaza mu itorero mu minsi y’imperuka, kandi binyuze muri yo umucyo mwinshi uzatangaza, kandi amabwiriza ajyanye n’icyo gihe agatangwa? {AA 9.5}

Ibintu byose bigomba kwitonderwa hakurikijwe uko intumwa yabitegetse: ‘ Mugerageze byose, mugundire ibyiza’; kandi bikagenzurwa hakurikijwe urugero rw’Umukiza: ‘Muzabamenyera ku mbuto zabo.’ Mu gihe duhamagarira gukurikiza uru rugero mu buryo bwo kugenzura uko impano y’ubuhanuzi yigaragaza, turarangira iki gitabo abantu bose bizera ko Bibiliya ari Ijambo ry’Imana, kandi ko itorero ari umubiri naho Kristo akaba umutwe.

{AA 9.6}

U. Smith.

IGICE CYA 1 - KUKI ICYAHA CYAHAWE AKITO?

“Imana ni urukundo.” 1 Yohana 4:16. Kamere yayo n’amategeko yayo ni urukundo. Ni ko byahoze; kandi ni ko bizahora iteka. ‘Uhoraho uri hejuru mu ijuru, Umuziranenge ubaho iteka ryose’, inzira ze zihoraho iteka ryose’ ntizihinduka. ‘Yo ntigira ubwo ihinduka cyangwa ngo itere umwijima nk’izuba igihe rirenze. ‘ Yesaya 57:15; Habakuki 3:6; Yakobo 1:17. {AA 11.1}

Ikintu cyose cyaremwe cyerekana imbaraga z’urukundo rutagira akagero. Ubudahangarwa bw’Imana bugaragarira ku migisha ishyitse ihabwa ibyaremwe byose. Umunyazaburi aravuga ati: {AA 11.2}

‘Ukuboko kwawe gufite imbaraga, ukuboko kwawe kw’indyo gufite ububasha buhebuje. Ubutegetsi bwawe bushingiye ku butungane no ku butabera, uhorana ineza kandi ugacisha no mu kuri. Uhoraho, hahirwa abantu bimenyereje kukuvugiriza impundu, uhora ubarebana impuhwe. Biriza umunsi bishimye ari wowe babikesha, baterwa ishema n’ubutungane bwawe. Ni wowe bakesha icyubahiro n’imbaraga, ni wowe ugwiza ububasha bwabo kubera ko ubatonesha. Uhoraho Muziranenge wa Isiraheli, umwami wacu ni wowe tumukesha, ni we ngabo idukingira ikomoka kuri wowe.’ Zaburi 89:13-18. {AA 11.3}

Amateka y’intambara ikomeye hagati y’icyiza n’ikibi uhereye igihe yatangiriye mu ijuru, kugeza aho uwigometse ajugunywa hasi, ndetse n’itsembwa burundu ry’icyaha, na byo byerekana urukundo rw’Imana rudahinduka. {AA 11.4}

Umwami w’ijuru ntiyihariye uwo murimo w’ubugiraneza wo kurema. Yari afite uwo bafatanyije washoboraga kwishimira umugambi w’Umuremyi, ndetse agasangira umunezero n’ibyo yaremye.’ Mbere na mbere hariho Jambo, kandi Jambo yahoranye n’Imana, kandi Jambo uwo yari Imana, yari kumwe n’Imana mbere ya byose.’ Yohana 1:1, 2. {AA 11.5}

Kristo, ari we Jambo, umwana w’ikinege w’Imana, yari umwe na Data wa twese uhoraho kandi bari bahuje kamere, imico, n’umugambi; ni We wenyine washoboraga kwinjira mu nama no mu migambi y’Imana. “Azitwa Igitangaza, Umujyanama, Imana ikomeye, Data wa twese Uhoraho, Umwami w’Amahoro.” Yesaya 9:6 ‘Imirambagirire ye ni iy’iteka uhereye kera kose.” Mika 5:2. Umwana w’Imana yahamije ibimwerekeye ati, ‘Uwiteka mu itangira ry’imirimo ye yarangabiye, ataragira icyo arema. Uhereye kera kose narimitswe, uhereye mbere na mbere isi itararemwa... Kandi no mu gihe yagaragaje imfatiro z’isi; Icyo gihe nari kumwe na yo ndi umukozi w’umuhanga, kandi nari umunezero wayo iminsi yose, Ngahora nezerewe imbere yayo.’ Imigani 8:22-30. {AA 11.6}

Data wa twese yakoranye n’Umwana we kurema ibiremwa byose byo mu ijuru. “.. Kuko muri we ari mo byose byaremewe intebe z’ubwami n’ubwami bwose, n’ubutware bwose.’ Abakolosayi 1:16. Abamarayika ni intumwa z’Imana, barabagirana kubera umucyo bakomora imbere y’Imana, kandi bagurukisha amababa bihutira gukora ubushake bwayo. Ariko Umwana wayo, uwasizwe n’Imana, ‘kuko ari ishusho ya kamere y’Imana, ” ni We “...kurabagirana k’ubwiza bwayo.” “kandi akaba ari we uramiza byose ijambo ry’imbaraga ze arusha abamarayika bose icyubahiro. Abaheburayo 1:3.’Ingoro yacu ifite ikuzo, imeze nk’intebe y’Imana, guhera mu ntangiriro yashyizwe hejuru ku musozi, niho Ingoro yacu yeguriwe Imana iri.’ (Yeremiya 17:12); ‘inkoni y’ubugabe bwawe ni inkoni yo gukiranuka’. Abaheburayo 1:8. ‘ Ahorana icyubahiro n’ubuhangange: ububasha n’ishimwe biganje mu Ngoro ye.” Zaburi 96:6. “Uhorana ineza ugacisha no mu kuri.” Zaburi 89:14. {AA 11.7}

Itegeko ry’urukundo ni rwo rufatiro rw’ubuyobozi bw’Imana, kandi ibyaremwe byose binezezwa no kugendera ku ihame rikomeye ryo gukiranuka kwayo. Imana yifuza ko ibiremwa byayo byose byayikorera bifite urukundo — kuyikorera biturutse ku kunyurwa n’imico yayo. Imana ntinezezwa n’uko ibiremwa byayikorera ku gahato; kandi byose ibiha uburenganzira bwo kwihitiramo, kugira ngo biyiyoboke ku bushake kandi biyikorere nta gahato. {AA 12.1}

Igihe cyose ibyaremwe byose byari bicyemera kuyoboka Imana kuko biyikunda, mu ijuru hose habaga hari ubwumvikane buzira amakemwa. Byari umunezero ku batuye ijuru gusohoza umugambi w’Umuremyi. Bashimishwaga no kwerekana ikuzo ry’Imana no kuyihimbaza. Kandi ubwo urukundo bakundaga Imana rwari ruhebuje, birumvikana

ko urwo bakundanaga rwaziraga kwikanyiza. Nta kantu na gato kahungabanyaga ubwumvikane bwari mu ijuru. Nyamara uwo munezero waje kurangira. Haje kuboneka urogoya umudendezo Imana yari yahaye ibiremwa byayo. Icyaha ni we cyakomotseho kandi ni we Imana yari yarakujije imuha gusumba abo mu ijuru bose, uretse Kristo. Lusiferi, "umwana w'umuseke", yari uwa mbere mu bakerubi batwikira (Yesaya 14:12), yari intungane kandi yari umuziranenge. Yahagararaga imbere y'Umuremyi ukomeye, maze kurabagira n'ikuzo byahoraga biva ku Mana bikamugaragaraho. "Umva uko Umwami Uwiteka avuga ngo: wari intungane rwose, wuzuye ubwenge n'ubwiza buhebuje.... Wari warasigiwe kugira ngo ube umukerubi utwikira; kandi nagushyizeho, kugira ngo ube ku musozi wera w'Imana; wagendagenderaga hagati y'amabuye yaka umuriro. Wari utunganye bihebuje mu nzira zawe zose uhereye umunsi waremweho kugeza igihe wabonetsweho no gukiranirwa." Ezekiyeli 28:12-15. {AA 12.2}

Ni ruto ni ruto Lusiferi aza kwishyira hejuru. "Ubwiza bwawe ni bwo bwateye umutima wawe kwishyira hejuru; kubengerana kwawe ni ko kononnye ubwenge bwawe:....." (Ezekiyeli, 28:17). "Waribwiraga uti: Nzazamuka njye mu ijuru nkuze intebe yanjye y'ubwami, isumbe inyenyeri z'Imana; ...nzaba nk'Isumbabyose.'" Yesava 14:13,14. N'ubwo ikuzo rye ryavaga ku Mana, uyu mumarayika ukomeye yabonaga ko rikomoka kuri we ubwe. N'ubwo yari yarashyizwe hejuru y'abamarayika, ntiyishimiye umwanya arimo, ahubwo ahangara kwifuza icyubahiro cyagenewe Umuremyi gusa. Uwo mutware w'abamarayika, yararikiye imbaraga zari zihariwe Kristo wenyine. Aho gushaka kubaha Imana no kuyubahisha mu bindi byaremwe, yashatse ko ariwe wubahwa kandi akaba ariwe ukorerwa. {AA 12.3}

Nuko kwa kumvikana guhebuje kwari mu ijuru kuba kurayoyotse. Icyemezo cya Lusiferi cyo kwanga gukorera Umuremyi cyamaganywe n'ababonaga ko Imana yonyine ariyo ikwiye ikuzo kuruta ibindi byose. Mu nama yo mu ijuru abamarayika bingingiye Lusiferi kwisubiraho. Umwana w'Imana yamweretse gukomera, ubwiza n'ubutabera by'Umuremyi, gutungana, na kamere idahinduka y'amategeko yayo. Imana ubwayo yashyizeho gahunda y'ijuru, kandi kuyiteshukaho, Lusiferi yari kuba asuzuguye Umuremyi we kandi bikamuzanira kurimbuka. Nyamara imiburo ishingiye ku mbabazi n'urukundo rutagira akagero byamubyukirije kutava ku izima. Lusiferi yemeye kuneshwa n'ishyari yagiriye Yesu maze yiyemeza gusohoza umugambi we. {AA 12.4}

Kurwanira isumbwe ry'Umwana w'Imana, no gushidikanya ku buhanga n'urukundo by'Umuremyi nibyo byari intego y'uwo mutware w'abamarayika. Kuri iyi ngingo, n'ubwo yari uwa kabiri kuri Kristo, yasabwaga kumupfukamira, maze ibitekerezo bye bikayoborwa na we. Ariko kuko ibyaremwe byose byari bifite umudendezo wo kwihitiramo, nta kiremwa cyagombaga gusigara kiteretswe ukwigomeka k'uwo mumarayika kugira ngo yihitiremo aho agomba kuba. Mbere y'iyo myigaragambyo, ibyaremwe byose byagombaga gusobanurirwa ubushake bw'Imana, ariyo ifite

ubwenge n’ubugiraneza nk’isoko y’ibyishimo. {AA 13.1}

Umwami w’ijuru n’isi yateranirije abamarayika hamwe kugira ngo abereke icyicaro nyacyo Umwana we yari afite kandi anabereke n’isano riri hagati ye n’ibyaremwe byose. Umwana w’Imana yari asangiye ubutware na Se, kandi ikuzo ry’Uwiteka Nyiribihe byose ryari ribazengurutse bombi. Abamarayika b’intungane bari bagose intebe y’Imana “inzovu inshuro inzovu n’uduhumbi n’agahumbagiza.’ Ibyahishuwe 5:11, abamarayika bakomeye bameze nk’ibyegera bishimiraga umucyo wabarasiraga uturutse imbere y’Imana. Imbere y’ikoraniro ry’abamarayika, Umwami yatangarije abo mu ijuru bose ko nta wundi ushobora kumenya imigambi ye uretse Kristo wenyine; Umwana w’Imana w’ikinege, kandi akaba ari na we gusa ushobora gusohoza ubushake bw’Imana. Kristo kandi ni we wakoresheje imbaraga z’Imana arema isi n’ibiyirimo byose; bityo rero akaba ariwe n’Imana bakwiye gupfukamirwa. Kristo yagombaga gukomeza gukoresha imbaraga y’ubumana mu irema ry’isi n’ibiyirimo. Ariko muri ibyo byose ntiyigeze yishyira hejuru cyangwa ngo agaragaze imbaraga ze anyuranya n’ubushake bw’Imana, ahubwo yerekanye ikuzo n’icyubahiro byayo asohoza umugambi wayo wo kugira neza n’urukundo. {AA 13.2}

Abamarayika bemeranye umunezero isumbwe rya Kristo, maze bikubita imbere ye, bamugaragariza urukundo kandi baramusingiza. Lusiferi afatanya na bo kumuramya, ariko mu mutima we yari afitemo intambara idasanzwe kandi ikaze. Ukuri, ubutabera no kumvira byarwanaga no kwifuza n’ishyari. Yamaze igihe gito asa n’uwatwawe n’imico myiza y’abamarayika b’intungane. Mu gihe barangururaga baririmba indirimbo zo gusingiza Imana, byasaga nk’aho umutima mubi wari washize; urukundo rutavugwa ruramwuzura wese; maze umutima we usabana n’abaziranenge baramyaga Data wa twese n’Umwana, buzuwe n’urukundo. Ariko kandi gushaka isumbwe n’icyubahiro birahagaruka, maze na none yongera kugirira Kristo ishyari. Ibyubahiro byo hejuru yari yarahawe ntibyigeze bimunyura nk’impano idasanzwe yahawe n’Umuremyi we. Yishimiraga ubuhanga n’ubwiza bwe maze akumva ashaka kwireshyeshya n’Umuremyi. Abamarayika baramukundaga kandi bakamwubaha; bishimiraga gukora ibyo abategetse, kandi yari yambaye ubwiza n’ikuzo biruta iby’abamarayika bose. Ariko kandi Umwana w’Imana yari yarashyizwe hejuru ye, nk’usangiye ubutware n’icyubahiro na Se. Kristo ni we wenyine wafatanyaga na se mu nama, ariko Lusiferi ntiyari yemerewe kumenya imigambi y’Imana. Uwo mumarayika ukomeye cyane arabaza ati “Ni kuki Kristo yadusumba twese?” “Kuki yubashywe kuruta Lusiferi?” {AA 13.3}

Akimara kuva imbere y’Imana Data, Lusiferi yinjije umwuka wo kwivovota mu bamarayika. Yakoreraga mu ibanga ritangaje, kandi yamaze igihe atagaragaza umugambi we nyakuri ahubwo yigaragaza nk’uwubaha Imana. Yatangiye kubiba gukemanga amategeko agenga ibiremwa byo mu ijuru, avuga y’uko n’ubwo amategeko ari ingenzi ku batuye isi, abamarayika ntibakeneye kuyihambiraho, kuko

ubwenge bwabo buhagije kubayobora. Ntabwo ari ibiremwa bishobora gusuzugura Imana; ibitekerezo byabo byose biratunganye; ku buryo bameze nk'Imana badashobora kwibeshya. Lusiferi yerekanye ko gushyirwa hejuru k'Umwana w'Imana akagereranywa na Se bimeze nk'akarengane yakorewe, we waharaniraga kumvirwa no kubahwa. Nyamara iyo uwo mutware w'abamarayika aza kwigumanira umwanya ukomeye yari yarahawe, amahoro yajyaga gusendera mu biremwa byo mu ijuru byose kuko yari intego ye guhesha bose umudendezo. None n'ubwisanzure bari bafite bwari burarangiye; kuko Umuyobozi w'igitugu yari ashyizweho kandi buri wese agomba kumwumvira. Ibyo nibyo bishuko bya rwihishwa biturutse ku buriganya bwa Lusiferi byatashye mu rukiko rwo mu ijuru. {AA 14.1}

Icyubahiro cyangwa ubutware bwa Kristo ntibwari bwarigeze buhinduka kuva kera kose. Ishyari rya Lusiferi no kugaragaza Imana uko itari hamwe no kwigereranya na Kristo nibyo byatumye hatangazwa umwanya nyakuri w'Umwana w'Imana; nyamara ibi niko byari bimeze kuva mu itangira. Benshi bo mu bamarayika ntibabuze guhumwa amaso n'ibinyoma bya Lusiferi. {AA 14.2}

Ahereye ku rukundo yakundwaga, uko yubahwaga n'abandi bamarayika yayoboraga, yabibye mu ntekerezo zabo kutizera kwe no kutanyurwa bituma batamenya icyo yashakaga kugeraho. Lusiferi yari yasobanuye imigambi y'Imana uko itari kugira ngo abibe amacakubiri no kutanyurwa. Akoresheje uburyarya, yireherezagaho abamwumva kugira ngo ayobye intekerezo zabo, kandi ibyo akabisubiramo igihe ashaka gushyigikira umugambi we nk'igihamya cy'uko abamarayika badashyigikiye na mba ubutegetsi bw'Imana. Nk'uvuga ko yubaha Imana adakebakeba, yahatiye ko haba impinduka muri gahunda no mu mategeko kugira ngo ubutegetsi bw'ijuru burangwe n'umutekano. Igihe yakoreraga kubiba amacakubiri mu bamarayika yo kugomera amategeko y'Imana no kutanyurwa, yarongeraga akigira nk'ufite umugambi wo guteza imbere amahoro n'ubwumvikane no kugandukira Imana. {AA 14.3}

Umwuka wo kutanyurwa wakomeje gukora umurimo wawo. Nubwo bitakorwaga ku mugaragaro, abamarayika batangiye kudahuza ibitekerezo. Hari bamwe bemeye ibyo Lusiferi yabongoreraga byo kurwanya ubuyobozi bw'Imana. Nyamara mbere bari bashyize hamwe mu kugendera muri gahunda Imana yashyizeho, bageze aho batishima ndetse ntibananezezwa n'uko batinjira mu mabanga y'Imana; ntibanyurwa n'umugambi w'Imana wo gukuza Kristo. Biyemeje gushyigikira Lusiferi mu gitekerezo cyo kwireshyeshya n'Umwana w'Imana. Ariko abamarayika bari bashikamye kandi bakiranuka, bakomeye ku bwenge buhanitse n'ubutabera byagaragazwaga n'itegeko ry'Imana baharanira kugarura icyo kiremwa mu bushake bw'Imana. Kristo, Umwana w'Imana; yari umwe na Se mbere y'uko abamarayika babaho. Kuva kera yahagararaga iburyo bwa Se, ikuzo rye ryari umugisha ku bo yaremye kandi nta kibazo byateraga. Nta cyari cyarigeze gihungabanya uko kumvikana kw'ab'ijuru; ariko se ukutumvikana

kwakomotse he? Abamarayika b'indahemuka babonaga ingaruka ziteye ubwoba z'uko kwigomeka, maze bingingira ibyo byigomeke guhindura umugambi, bakumvira Imana bakiranukira ubutegetsi bwayo. {AA 14.4}

Mu mbabazi zitagira akagero, ariyo mico mbonera y'Imana, Lusiferi yakomeje kwihanganirwa. Uwo mutima wo kutanyurwa no kwigomeka ntiwari warigeze uboneka mu ijuru. Wari inzaduka, amayobera, kandi utakwihanganirwa. Lusiferi ubwe ntiyahise yiyumvisha neza ibyari mu ntekerezo ze; na none kandi ntiyashoboraga kwirukana izo ntekerezo muri we. Yari atarabona ko yateshutse inzira. Nta bundi buryo bwashoboraga kumwemeza amafuti ye uretse za mbaraga ziturutse ku rukundo n'ubwenge bitagira akagero. Kwigomeka kwe nta shingiro kwari gufite; nicyo cyatumye yerekwa ingaruka yo kugundira uko kwigomeka. {AA 15.1}

Lusiferi yaje kwemezwa ko yari mu mafuti koko. Yabonye ko "Uhoraho ari intungane mu migenzereze ye yose kandi ko ari indahemuka mu byo akora byose. " (Zaburi 145:17, Bibiliya Ijambo ry'Imana); kandi ko amategeko y'Imana ari ay'ukuri, ko yagombaga kuyakurikiza n'abo mu ijuru bose bakabibona. Iyo abigenza atyo yajyaga kwikizanya n'abamarayika benshi. Yari atarirukanwa burundu mu bamarayika b'Imana. Nubwo yambuwe umwanya we nk'umukerubi utwikira, na none iyo ashaka kugarukira Imana, akemera ubuhanga bw'Umuremyi, kandi akanyurwa n'umwanya Imana yari yaramugeneye, aba yarashubijwe ku murimo we. Igihe cyo guhitamo cyari kigeze; yagombaga kuyoboka ingoma y'Imana cyangwa akemera akagoma ku mugaragaro. Yari hafi kwiyemeza kugaruka ariko ubwibone ntibwamukundira. Yabonye ko ari ikintu gikomeye kugira ngo uwari umunyacyubahiro cyane yemere kuvuga ko yafuditse, ko ibitekerezo bye atari ukuri, no kuyoboka ubutegetsi yakoreraga kandi avuga ko burenganya! {AA 15.2}

Umuremyi w'umunyampuhwe, mu gukomeza kwihanganira Lusiferi n'abayoboke be, yashakaga kubagarura ngo batagwa mu mworera bari bagiye kwirohamo. Ariko impuhwe z'Imana yazibonye ukundi. Lusiferi yerekanye ko kwihangana cyane kw'Imana kwatewe n'uko yari akomeye cyane, ndetse bikaba byerekana ko igihe cyajyaga kuzagera Umwami w'ijuru n'isi akemera gukora ibyo Lusiferi ashaka. Anavuga ko abamarayika nibashikama ku ruhande rwe, nta kabuza bazagera ku byo bifuza byose. Yiyemeje kutava ku izima, maze yiyemeza kurwana intambara ikomeye arwanya Umuremyi we by'inkundura. Nuko Lusiferi, "umumarayika w'umucyo" , uwasangiraga ikuzo n'Imana, uwahoraga imbere y'intebe y'Imana, kubwo kutumvira ahinduka Satani, "umwanzi w'Imana n'uw'ibiremwa bitagira inenge, n'umurimbuzi w'ab' Ijuru ryamushinze kuyobora no kurinda.

{AA 15.3}

Igihe yasuzuguraga kandi agakerensa guhendahenda kw'abamarayika baribanambye

ku Mana, yabagereranyije n’abacakara barindagijwe. Yihitiyemo kwereka Kristo we n’abamarayika bamwubaha ko bakoresha akarengane; nicyo cyatumye atangaza ko atazongera na rimwe kubaha abavogera uburenganzira bwe n’ubw’abandi bamarayika. Yiyemeje na none kutemera ko Kristo amurusha icyubahiro. Yar yamaramaje kwiha icyubahiro ngo yagombaga kuba yarahawe, maze akaba umutware w’abantu bose bazamubera abayoboke; Kandi yasezeranyije abemeraga gufatanya na we bose ubutegetsi bushya kandi bwiza bazagiriramo umudendezo. Abamarayika benshi bamugaragarije kuzamuyoboka akaba umutware wabo. Mu kwishuka kwe ahereye kubyo agaragarijwe na bamwe mu bamarayika, yiringiye kwigarurira abamarayika bose, akareshya n’Imana ubwayo, kandi akubahwa n’ingabo zo mu ijuru zose. {AA 15.4}

Abamarayika bari bashikamye ku Mana bakomeje guhendahenda Lusiferi n’abari bamushyigikiye kugarukira Imana; babereka ingaruka ntakuka zagombaga kubageraho baramutse banze: Umuremyi wabo yashoboraga gusiribanga ubutware wabo ndetseagahana yihanukiriye ukwigomeka kwabo. Nta mu marayika washoboraga kwigomeka ku mategeko atunganye y’Imana nk’uko nayo ubwayo itunganye. Abamarayika bose baburiwe kudatega amatwi ubushukanyi bwa Lusiferi, we n’abayoboke be bingingirwa kwihutira gusanga Imana ngo bature icyaha cyo kutizera ubwenge n’ubutegetsi byayo. {AA 16.1}

Benshi bari biteguye gukurikiza iyo nama, bakicuza ubwigomeke bwabo maze bagasaba kongera kwakirwa na Data wa twese n’Umwana we. Ariko Lusifeni yari yateguye ubundi bushukanyi. Icyo kigomeke ruharwa cyahamije ko abamarayika bifatanyije na cyo bari bamaze kugera kure cyane ku buryo bitakibashobokeye kugaruka; ko kimenyereye amategeko y’Imana, kizi neza ko Imana itabasha kubababarira. Yemeje ko abazemera kumvira ubutegetsi bw’Ijuru bazamburwa icyubahiro, maze bagakurwa ku mwanya bari bafite. We ku giti cye yari yariyemeje kutazongera kwemera kuyoboka Kristo. Icyo yari ashigaje hamwe n’abayoboke be nk’uko abivuga, kwari ukurwanira ubwigenge bwabo ndetse bakabona ku gahato ibyo bari barimwe kandi bibagenewe.

{AA 16.2}

Mu by’ukuri koko, Satani yari yarageze aho adashobora kugaruka. Ariko ku bari bahumwe amaso n’ubushukanyi bwe siko byari biri. Kuri bo, inama no kwinginga biturutse ku bamarayika banambye ku Mana, byari byabakinguriye urugi rw’ibyiringiro; kandi iyo baza kumvira iyo miburo, baba baracitse imitego ya Satani. Ariko kwishyira hejuru, gukunda umuyobozi wabo, no kwifuza umudendezo ntakumirwa byabateye kuguma gutsimbarara, maze ku iherezo banga guhendahenda guturutse ku rukundo n’imbabazi mvajuru. {AA 16.3}

Imana yaretse Satani akomeza umurimo we kugeza ubwo umutima w’ubwigomeke

waje kubyara ubugome bukomeye. Byari ngombwa ko imigambi ye yuzura rwose, kugira ngo kamere ye nyakuri n’ibyo agambiriye bimenywe na bose. Lusiferi nk’umukerubi wasizwe, yari yarakujijwe; akundwa n’abandi bamarayika, kandi icyo yashakaga ko bakora cyose cyarakorwaga. Ubutegetsi bw’Imana bwayoboraga ibiremwa byo mu ijuru ndetse bukagenga n’ isi yose yaremwe na Yo; kandi Lusiferi yari yafashe umwanzuro ko nafatanya n’abamarayika bo mu ijuru kugoma, azanafata n’abatuye isi. Ibye byose yabikoranaga amayeri n’ubucakura kugira ngo umugambi we udatahurwa. Imbaraga ze zo kuyobya zari zitangaje. Akoresheje kwiyoberanya ngo ahishe ububi bwe, yigaruriyeho benshi. Ibikorwa bye byose byari amayobera kuburyo bitari byoroheye abamarayika gusobanukirwa n’ibyo aribyo koko. Iyo biza gukomeza bityo, ntibari kubona ko ibyo akora ari bibi; ko ibye ari ukwigomeka. N’abamarayika banze kumuyoboka ntibashoboye kumutahura cyangwa ngo basobanukirwe aho ibyo yakoraga byerekezaga.

{AA 16.4}

Lusiferi yabanje kwigaragaza nk’aho ubushukanyi bwe atabukomeje. Abamarayika atashoboye kwigarurira yabashinje ko batitaye ku nyungu z’abandi bamarayika. Ibyo yakoraga ku giti cye, yabigerekaga ku bamarayika batsimbaraye ku Mana. Intego ye yari iyo gukoma mu nkokora imigambi y’Imana yifashishije ingingo zuzuyemo ubuhendanyi. Ikintu cyoroshye cyo yagihinduraga iyobera rikomeye; maze akoresheje ubucakura bwe, abiba ugushidikanya kubyo Imana yavuze bisobanutse, kugira ngo bibere urujijo ababyumvaga. Maze ku bwo umwanya ukomeye Lusiferi yari yarahawe, byatumye ibyo avuga bigira imbaraga zikomeye. {AA 17.1}

Imana yashoboraga gukoresha gusa uburyo buhuje n’ukuri no gukiranuka. Satani we agakoresha ibinyuranye n’ibyo Imana ikoresha - uburyarya n’ubushukanyi. Yari agendereye kugoreka ijambo ry’Imana no kwerekana umugambi wayo uko utari, ahamya ko Imana itegekesha igitugu, kandi ko igihe isaba ibiremwa byayo kuyubaha no kuyumvira, iba ishaka kwikuza ubwayo. Nuko rero byari ngombwa kwereka abo mu ijuru n’abo mu isi yose ko ubutegetsi bw’Imana butabera kandi ko n’amategeko yayo atunganye. Satani yerekanaga ko we ubwe ashaka icyazanira isi ikirushijeho kuba cyiza, ariko imico nyakuri n’umugambi by’uwo mwanzi byagombaga kumenyekana no gusobanuka kuri bose. Yagombaga guhabwa igihe cyo kwiyerekana ubwe no gushyira ahagaragara imirimo ye y’ubugome. {AA 17.2}

Uko kutumvikana kwabaye mu ijuru Satani yagushinje ubutegetsi bw’Imana. Yavuze ko ibibi byose bikomoka ku butegetsi bw’Imana. Avuga kandi ko umugambi we wari uwo kuvugurura amategeko y’Umuremyi. Nuko Imana iramureka ngo yerekane kamere y’ibyo yiratanaga kandi anagaragaze uko yajyaga guhindura amategeko yayo. Imirimo ye ubwayo ni yo yajyaga kumuciraho iteka. Satani yari yarakomeje kwemeza ko

atigeze yigomeka. Byari ngombwa ko ibyaremwe byose bibona umushukanyi agashyirwa ahabona akamenyekana. {AA 17.3}

Ndetse n'igihe Satani yari amaze gucibwa mu ijuru, Nyirubwenge Butarondoreka ntiyamurimbuye. Niba umurimo ukoranywe gusa urukundo ariwo wemerwa n'Imana, kumvira kw' ibiremwa by'Imana kugomba kuba guturutse ku gusobanukirwa ubutabera n'ubugiraneza byayo. Abari batuye mu ijuru no mu isi batari biteguye gusobanukirwa ingaruka cyangwa uko icyaha kiri, ntibari kubonera ubutabera bw'Imana mu irimburwa rya Satani. Iyo Satani aherako anyagwa ubugingo bwe, bamwe bari kujya bakorera Imana ku bwo kuyitinya aho kuyikorera babitewe n'urukundo. Ingeso z'umushukanyi ntizajyaga kuba ziciwe rwose cyangwa se ngo umutima w'ubwigomeke ube ukuweho burundu. Icyajyaga kugirira ijuru n'isi umumaro, kwari ukureka Satani agakomeza umugambi we, maze ibirego arega ubutegetsi bw'Imana bikamenyekana, bityo ubutabera bw'Imana n'amategeko yayo adahinduka ntibizongere na rimwe gushidikanywa. {AA 17.4}

Kugoma kwa Satani kwagombaga kubera ijuru n'isi icyigisho uko ibihe bihaye ibindi nk'igihamya cy'iteka kigaragaza kamere y'icyaha n'ingaruka zacyo ziteye ubwoba. Ishyirwa ahagaragara ry'ubutegetsi bwa Satani, ingaruka zabwo ku bagabo n'abagore, byagombaga kwerekana icyo kwirengagiza ubuyobozi bw'ijuru bibyara. Byari igihamya cy'uko igihe cyose ubutegetsi bw'Imana buriho, ibyaremwe byose bigomba kubugiriraho imibereho myiza. Bityo amateka y'ubu bwigomeke buteye ubwoba yagombaga kuba uburinzi buhoraho ku biremwa byose bitagira inenge, kubarinda gushukwa bagacumura nk'uburyo bwo kwica amategeko, kubarinda gukora icyaha, ndetse no kubarinda kugerwaho n'igihano. {AA 17.5}

Utegeka ibiri mu ijuru byose ni We ubonera iherezo mu itangiriro — uwo kuri we iby'ubwiru bw'ibyabaye n'ibizaba bimeze kimwe, kandi kuri we ibyago n'umwijima no kurimbuka byazanywe n'icyaha, dore umugambi we w'urukundo n'imigisha uruzuye. N'ubwo "ibicu n'umwijima bimukikije, ubutegetsi bwe bushingiye ku butungane." Zaburi 97:2, B.I.I. Kandi abatuye ku isi no mu ijuru bose, ari abamwubaha n'abatamwubaha, umunsi umwe bazamenya ko "ibyo akora bitunganye: kuko imigenzereze ye yose yuje ubutabera, ni Imana y'ukuri kandi itagira amakemwa, Imana ica imanza zitabera kandi itunganye." Gutegeka kwa Kabiri 32:4.

{AA 18.1}

IGICE CYA 2 - IREMA

(Iki gice gishingiye mu Itangiriro igice cya 1 n'icya 2).

Ijambo ry'Uwiteka ni ryo ryaremye ijuru, umwuka wo mu kanwa ke ni wo waremye ingabo zo muri ryo zose. Kuko yavuze, bikaba; yategeka, bigakomera." Zaburi 33:6, 9. Ni We "washimangiye isi ku mfatiro zayo, isi ntizigera inyeganyega iteka ryose." Zaburi 104:5. {AA 18.2}

Igihe isi yavaga mu biganza bya Rurema, yari nziza bihebuje. Yari iriho imisozi, udusozi, n'ibibaya birimo inzuzi nziza n'ibiyaga bibereye amaso; ariko udusozi n'imizozi ntibyari bihanamye, ngo bigire ibihanamanga n'imikuku biteye ubwoba nk'uko bimeze ubu, udusongero n'ibitare byari bitabye mu butaka bwarumbukaga, bigatuma ahantu hose hamera ibyatsi bitoshye. Ntiharangwaga ibishanga bibi cyangwa ubutayu butagira ikimera. Iyo warebaga hose, amaso yakubitanaga n'ibiti by'igikundiro n'indabo zishimishije. Impinga z'imisozi zariho ibiti by'inganzamarumbo ubu tutabona. Umwuka wo mu kirere wari mwiza utagira ubwandu. Isi yose yarushaga ubwiza ubusitani bw'ingoro zirimbishijwe cyane. Abamarayika bazaga kuyisura bishimye, maze bakanezezwa n'imirimo itangaje y'Imana. {AA 18.3}

Amaze kurema isi n'ibiyirimo byose, Umuremyi yuzurisha umurimo we kurema umuntu, ariwe wari waremewe isi, nuko ayituzwaho. Ahabwa ubutware bw'ibyo ijisho rye ryose ryabashaga kubona; nk'uko "Imana yavuze iti: Tureme umuntu agire ishusho yacu, ase natwe: atware isi yose." Nuko "Imana irema umuntu afite ishusho yayo. ..Umugabo n'umugore ni ko yabaremye." Ibyo bigaragaza inkomoko y'ikiremwamuntu ; kandi mu bitabo byo mu ijuru handitswe ko nta nenge yari afite. Imana yaremye umuntu mu ishusho yayo bwite. Aha nta mayobera ahari. Ntaho wahera uvuga ko umuntu yagiye ahinduka buhoro buhoro ava mu dukoko duto cyangwa se mu bimera. Inyigisho nk'izo zitesha agaciro umurimo ukomeye w'Umuremyi kandi zigashyira umuntu hasi cyane, ku mitekerereze y'isi. Mu gushaka gutesha agaciro umuntu bamuvutsa inkomoko ye y'icyubahiro, abantu baba bagamije gukuraho imbaraga y'Imana yo kurema isanzure n'ibirimo byose. Uwaremye isi y'agahebuzo, akayitaka uburabyo bwiza, uwujuje isi n'ijuru ibitangaza by'imbaraga ze, ubwo yazaga gushyira umusozo ku murimo we w'icyubahiro, azana uwo gutegeka ibyaremwe byose bitagiraga inenge, ntiyananiwe kurema icyaremwe gishyitse ngo agihe umwuka w'ubugingo. Inkomoko y'ubwoko bwacu, nk'uko tuyibwirwa n'Ibyanditswe byahumetswe na Mwuka, yerekana ko ituruka ku Muremyi Nyirubushobozi: ko tudakomoka ku ruhererekane rw'ihindagurika ry'udukoko, ibijonjogoro, n'inyamaswa zigenza amaguru ane. Nubwo Adamu yakuwe mu mukungugu, yari "umwana w'Imana" Luka 3:38. {AA 18.4}

Yashyizweho nk'uhagarariye Imana, ngo abe umutware w'ibindi byaremwe. Ibindi

biremwa bidafite ubwenge nk’ubw’abantu, ntibishobora gusobanukirwa cyangwa kumenya ubudahangarwa bw’Imana ishobora byose; ariko kandi byahawe ububasha bwo gukunda no gukorera abantu. Umunyazaburi aravuga ati, “Wamuhaye gutegeka ibyo waremesheje intoke zawe, wamweguriye ibintu byose kugira ngo abigenge,... n’inyamaswa zo mu ishyamba na zo n’ibiguruka mu kirere.... n’ibindi biremwa byose biba mu mazi.” Zaburi 8:6-8. {AA 19.1}

Umuntu yagombaga kugaragaza ishusho y’Imana, ari inyuma mu bigaragara ndetse no mu mico yayo. Kristo gusa ni we shusho ya kamere ya “Data wa twese. Abaheburayo 1:3; Ariko umuntu we yaremwe asa n’Imana. Kamere ye yari ihuje n’ibyo Imana ishaka. Ubwenge bwe bwari bufite ubushobozi bwo gusobanukirwa n’ibintu by’ubumana. Umuntu yari afite urukundo rutagira amakemwa; kandi yategekaga irari ry’umubiri we. Yari intungane kandi akanezezwa no gusa n’Imana ndetse akagendera mu bushake bwayo. {AA 19.2}

Umuntu akiva mu biganza by’Umuremyi we yari afite igihagararo giheranije n’ uburanga buzira amakemwa. Imiterere ye yagaragazaga ubuzima buzira umuze n’ibyishimo bitarondoreka. Adamu yari afite igihagararo gisumba kure cyane icy’abagabo bariho muri iki gihe. Nubwo Eva yari mugufi ho hato; yari ateye neza kandi yari mwiza. Abo baziranenge bombi bataracumura, nta myambaro idasanzwe bambaraga; bari bambitswe n’umucyo n’ikuzo byari bibatwikiriye, nk’ibyo abamarayika bambara. Igihe bari bafite imibereho yumvira Imana, iyo kanzu y’umucyo bari bagikomeje kuyambara. {AA 19.3}

Adamu amaze kuremwa, yazaniwe buri cyaremwe cyose imbere ye ngo acyite izina; abona ko buri kiremwa cyose cyahawe umufasha wacyo, ariko mur’ibyo biremwa byose, “umufasha bakwiranye yari ataraboneka.” Mu byo Imana yari yaremye ku isi byose, nta na kimwe cyari kimeze nk’umuntu. Maze noneho Imana iravuga iti, “si byiza ko umuntu aba wenyine; reka muremere umufasha umukwiriye.” Umuntu ntiyaremewe kuba mu bwigunge; yagombaga kuba ikiremwa gisabana. Iyo atagira umufasha, ibyiza byari bimukikije n’imirimo ishimishije yagombaga gukorera ubusitani bwa Edeni ntibyari kubasha kumuha umunezero uzira amakemwa. Ndetse n’umushyikirano we n’abamarayika ntiwashoboraga guhaza icyifuzo cye cyo kubona uwo bifatanya nka mugenzi we. Nta wasaga na we wari uhari ngo bagaragarizanye urukundo. {AA 19.4}

Imana ubwayo ni Yo yahaye Adamu umufasha. Yamuhaye “umufasha bakwiranye,”- umufasha umeze nka we - waremewe kuba mugenzi we koko, kandi washoboraga kuba umwe na we mu rukundo no kwifatanya na we. Eva yaremwe mu rubavu rwakuwe muri Adamu; bisobanura ko atagombaga gutegeka umugabo ngo abe umutwe w’urugo, cyangwa ngo akandagirirwe munsi y’ibirenge nk’insuzugurwa, ahubwo yagombaga kumuba iruhande nk’uwo bangana, uwo gukundwa no kurindwa

n’umugabo we. Eva yari umwe n’Adamu, igufa ryo mu magufa ye, akara ko mu mara ye, yari Adamu wundi, byerekana ubumwe bwa bugufi buri muri iyo sano. “Kuko ari nta muntu wakwanga umubiri we, ahubwo yawugaburira, akawukundwakaza...” Abefeso 5:29 ” Ni cyo gituma umuntu azasiga se na nyina, akabana n’umugore we akaramata, bombi bakaba umubiri umwe.” Itangiriro 2:24. {AA 20.1}

Imana ni Yo yahanze ubukwe bwa mbere iranabwizihiza. Bityo rero, uwo muhango watangijwe n’Umuremyi w’ijuru n’isi. “Gushyingiranwa kubahwe n’abantu bose.” Abaheburayo 13:4 ; ni imwe mu mpano z’Imana ku muntu, kandi ni umwe mu mihango ibiri Adamu yakuye muri Paradizo amaze kugwa mu cyaha. Igihe amahame mvajuru yitaweho kandi akubahirizwa, gushyingiranwa biba umugisha; birinda ukwera n’umunezero by’abantu, bigaha umuntu ibyo akeneye mu buzima, bikazamura imikurire y’umubiri, iy’ubwenge ndetse n’iy’ iby’umwuka. {AA 20.2}

“Uwiteka Imana ikeba ingobyi muri Edeni mu ruhande rw’iburasirazuba, iyishyiramo umuntu yaremye”. Ibyo Imana yari yaremye byose byari byiza, bizira amakemwa, kandi nta na kimwe cyagaragaraga ko kidashaka kunezeza abo bantu b’intungane; na none kandi Imana yabahaye indi mpano y’urukundo rwayo, ibategurira ubusitani budasanzwe kuba urugo rwabo. Muri ubwo busitani harimo ibiti by’amoko yose, ibyinshi muri byo bihunze amatunda aryoshye cyane. Hari imizabibu iteye ubwuzu, igororotse, isa neza, kandi amashami yayo aremerewe n’amatunda y’igikundiro. Adamu na Eva bagombaga kumenyereza ayo mashami y’imizabibu kwigonda, maze bakibera aho batwikiriwe n’amatunda n’ibibabi by’ibiti bitoshye. Hari indabyo zifite impumuro nziza cyane z’amabara yose ashashagirana. Hagati muri ubwo busitani harimo igiti cy’ubugingo cyarushaga ibindi byose ubwiza. Amatunda y’icyo giti yarabagiranaga nk’izahabu n’ifeza kandi yari afite ububasha butuma umuntu adapfa. {AA 20.3}

Noneho rero irema ryari rigeze ku musozo waryo. “Ijuru n’isi n’ibirimo byose birangira bityo.” Imana ireba ibyo yari imaze kurema ibona ari byiza cyane.” Eden yari iri ku isi. Adamu na Eva bari bafite uburenganzira bwo kwegera igiti cy’ubugingo. Iryo rema ritunganye ntiryagiraga ikizinga cy’icyaha cyangwa igicucu cy’urupfu. “Igihe inyenyeri zo mu rukerera zaririmbaga zikiranya, abana b’Imana bose bavuzaga impundu z’ibyishimo.” Yobu 38:7.

{AA 20.4}

Umuremyi ukomeye yashyizeho imfatiro z’isi; isi yose ayitaka ubwiza kandi ayuzuza ibintu byose umuntu akeneye; Yaremye ibiba ku butaka byose n’ibyo mu nyanja. Mu minsi itandatu umurimo ukomeye w’irema wari urangiye. Maze Imana “iruhuka ku munsi wa karindwi imirimo yayo yose. Kandi Imana iha umugisha umunsi wa karindwi iraweza: Kuko ari wo Imana yaruhukiyemo imirimo yose y’ibyo yaremye.” Imana

yanyuzwe n’umurimo w’intoki zayo. Ibyaremwe byose nta nenge byari bifite kuko bibereye Umuremyi wabyo, Kandi yararuhutse bidatewe n’umunaniro, ahubwo bitewe no kwishimira ibivuye mu buhanga bwayo no mu neza yayo hamwe no kwerekana ikuzo ryayo. {AA 20.5}

Imana imaze kuruhuka ku munsi wa karindwi, iraweza, cyangwa irawiyegurira, nk’umunsi w’ikiruhuko ku muntu. Akurikije urugero yari ahawe n’ Umuremyi, umuntu yagombaga kuruhuka kuri uwo munsi wejejwe kugira ngo niyitegereza ijuru n’isi bitume atekereza iby’umurimo ukomeye w’Imana wo kurema; kandi nabona ibyerekana ubuhanga n’ineza by’Imana, umutima we wuzure urukundo no kubaha Umuremyi we {AA 21.1}

Muri Edeni, Imana yashyizeho urwibutso rw’umurimo wayo w’irema, ubwo yahaga umugisha umunsi wa karindwi. Isabato yahawe Adamu, ariwe se kandi akaba n’uhagarariye ikiremwamuntu. Kuyubahiriza byari igikorwa cyo gushimira ku ruhande rw’abari gutura mu isi ko Imana ariyo Muremyi wabo kandi ko ariyo Mwami wabo w’ukuri; kandi ko bo ari umurimo w’intoki zayo ndetse bakaba abantu bayo. Niyo mpamvu, uwo muhango wera wagombaga kuba urwibutso, kandi ukaba warahawe ikiremwamuntu cyose. Nta kintu na kimwe kidasobanutse cyari muri wo cyangwa ngo ube ugenewe abantu bamwe. {AA 21.2}

Imana yabonye ko Isabato ari ingenzi cyane ku muntu, ndetse ko azayiruhuka no muri Paradizo. Yagombaga kureka inyungu ze bwite umunsi umwe muri irindwi, kugira ngo yitegereze bihagije imirimo y’Imana kandi atekereze ku mbaraga n’ineza byayo. Yari akeneye Isabato kugira ngo imwibutse Imana byimbitse kandi bitume ayishimira kuko ibyo yishimiraga n’ibyo yari afite byose byakomotse mu kiganza cy’Umuremyi cyuzuye ubuntu. {AA 21.3}

Imana yashyiriyeho Isabato kuyobora intekerezo z’abantu ngo zisobanukirwe n’ibyo yaremye. Ibyaremwe byose byari bifite imvugo yabyo ihamya ko hariho Imana ihoraho, Umuremyi n’Umugenga wa byose. “Ijuru ryerekana ikuzo ry’Imana; isanzure ry’ijuru rigaragaza ibyo yakoze. Amanywa abibwira andi manywa, ijoro ribimernyesha irindi joro.” Zaburi 19:2, 3. Ubwiza burimbishije isi ni ikimenyetso cy’urukundo rw’Imana. Ibyo tubibonera ku misozi idashyiguka, ku biti bitoshye by’inganzamarumbo, ku burabyo buri kubumbura hamwe n’ubundi bwiza. Ibyo byose bitubwira Imana. Isabato yereka umuntu iyabiremye byose ikanategeka abantu kubumbura igitabo gikomeye cy’ibyaremwe, aho basanga ubwenge, ubushobozi, n’urukundo rw’Umuremyi. {AA 21.4}

Ababyeyi bacu ba mbere n’ubwo baremwe ari intungane kandi ari abaziranenge, ntibari ku rugero rudashobora gukora ikibi. Imana yabaremye bafite umudendezo, bashobora kugenzura ubuhanga n’ubugwaneza by’imico mbonera y’Imana n’ubutabera bw’ibyo ibasaba, kandi bafite ubwigenge busesuye bwo kwihitiramo kumvira cyangwa

kutumvira. Bagombaga kwishimira gushyikirana n’Imana hamwe n’abamarayika batunganye; ariko mbere yo kugira uburinzi buhoraho, ubuyoboke bwabo bwagombaga kugeragezwa. Mbere na mbere umuntu akiremwa hashyizweho itegeko ribuzanya kwishyira imbere ari byo byabaye intandaro yo gucumura kwa Satani. Igiti kimenyekanisha ikiza n’ikibi, cyari hafi y’igiti cy’ubugingo hagati mu busitani, cyari cyashyiriweho kugerageza kumvira, kwizera, n’urukundo by’ababyeyi bacu ba mbere. Ubwo bari bafite umudendezo wo kurya ku bindi biti, babujijwe kurya ku mbuto z’icyo giti kimenyekanisha icyiza n’ikibi kugira ngo badapfa. Bagombaga na none guhangana n’ibigeragezo bya Satani; ariko iyo bihanganira icyo kigeragezo bajyaga kumunesha, bagahora banezeranwa n’Imana. {AA 21.5}

Imana yahaye umuntu amategeko amugenga, nk’ikintu cy’ingenzi yagenewe mu mibereho ye. Yari umuyoboke w’ubutegetsi bwayo, kandi nta butegetsi butagira amategeko abugenga. Imana yashoboraga kurema umuntu udashobora kwica itegeko ryayo; yashoboraga no kubuza Adamu gukora ku mbuto yari yabujijwe, nyamara muri icyo gihe umuntu ntiyari kuba agifite umudendezo, ahubwo yari kuba ahindutse igikoresho. Hatabayeho umudendezo wo kwihitiramo, kumvira kwe kwajyaga kuba ari ukw’agahato aho kuba uk’ubushake. Nta gukuza imico mbonera byari kubaho. Iyo bigenda bityo rero, byari kuba binyuranyije n’umugambi w’Imana wo kwita ku bindi byaremwe ku isi. Ntibyari kuba bikwiye umuntu waremanywe ubwenge, kandi na Satani yajyaga kuboneraho gukomeza kurega Imana ko ubutegetsi bwayo ari ubw’igitugu. {AA 22.1}

Imana yaremye umuntu atagira amakemwa; yamuhaye ibintu by’agatangaza biranga imico mbonera, nta cyajyaga gutuma yerekera ku kibi. Yamuhaye ubushobozi bwo gutekereza buhambaye, kandi ishyira imbere ye ibishoboka byose byatuma adateshuka ku Mana. Kumvira, kuba indakemwa no kubaho by’iteka ryose, nibyo byajyaga gutuma agira umunezero w’iteka. Byari kandi kuzatuma yegera igiti cy’ubugingo. {AA 22.2}

Urugo rw’ababyeyi bacu ba mbere rwajyaga kuba intangarugero ku ngo z’abana babo bajyaga gutura mu isi. Urugo rurimbishijwe n’ukuboko kw’Imana ubwayo, ntirwari kubura kuba ingoro ishimishije. Bitewe n’ubwibone, abantu bashimishwa no gutura mu mazu y’ibitabashwa kandi ahenze cyane maze bakirata imirimo y’intoki zabo, nyamara Imana yatuje Adamu mu busitani. Aho niho hari icumbi rye. Ijuru niryo ryari igisenge cy’inzu ye; isi n’ibiyiriho byari ikirambi, naho amashami atoshye y’ibiti byiza yari umusego. Inkuta z’iyo nzu zari zirimbishijwe n’ibintu by’igiciro — ariyo mirimo ikomeye y’Umuhanzi w’Icyatwa. Ibyo biremwa bitagira inenge byari bikikijwe n’icyigisho cy’ibihe byose kivuga ko umunezero nyakuri utabonerwa mu kwishyira hejuru n’umurengwe, ahubwo uturuka ku mushyikirano tugirana n’Imana binyuze mu byo yaremye. Iyaba abantu bahaga agaciro gake ibintu bidasanzwe, bakimenyereza ibyoroheje, baba

barashyikiriye umugambi Imana yabaremeye. Ubwibone no kwikuza ntibijya binyurwa, ariko abanyabwenge nyakuri umunezero wabo uzakomoka mu kwishimira ibyo Imana yabahaye. {AA 22.3}

Abantu batujwe muri Edeni bashinzwe uwo murima ngo “bahingire ibirimo kandi banawurinde.” Umurimo wabo ntabwo wari uruhije, ahubwo wari ushimishije kandi udasaba ingufu. Imana yateganyije umurimo kugira ngo ubere umuntu umugisha, umukomereze ibitekerezo n’umubiri, kandi yunguke n’ubwenge. Mu gukoresha ibitekerezo n’imirimo y’amaboko ni bimwe mu byo Adamu yaboneyemo umunezero uruta iyindi yose mu kubaho kwe kose igihe yari ataracumura. Ariko ubwo yari amaze gucumura, yirukanywe ha handi yari atujwe hanejeje, ahatirwa guhinga ubutaka butari bukirumbuka kugira ngo ashobore kubona ibimutunga bya buri munsi, umurimo wari uhabanye cyane n’uwo yakoraga akiri muri Edeni, wamurindaga ibishuko kandi ukamubera isoko y’umunezero. Ababona umurimo nk’umuvumo, nubwo gukora binaniza kandi bigatera ingingo kubabara, abo baribeshya cyane. Kenshi abakire barebana agasuzuguro abakoresha amaboko yabo, ariko ni ikintu kitagira inenge kuko kijyanye n’umugambi w’Imana igihe yaremaga umuntu. Mbese umutunzi ukomeye cyane yaba afite ibingana iki ugereranyije n’ibyo Adamu waremwe n’Imana yari afite? Na none kandi Adamu ntiyagombaga kuba inkorabusa. Kuko Umuremyi wacu usobanukiwe n’igishimisha umuntu, yageneye Adamu umurimo. Mu buzima, umunezero nyakuri ubonwa n’abagabo n’abagore bakoresha amaboko yabo. Abamarayika ni abakozi batiganda; ni ibyegera by’Imana bikorera abantu bayo. Umuremyi nta mwanya yageneye abanebwe. {AA 22.4}

Iyo baza gukomeza kuba indahemuka ku Mana, Adamu na mugenzi we bari kwigarurira isi. Bari bafite kugenzura buri kintu cyose nta mupaka. Intare n’umwana w’intama byarishaga hamwe hafi yabo mu mahoro, cyangwa bikaryama ku birenge byabo. Inyoni zinezerewe zakiniraga iruhande rwabo zitabatinya, kandi ubwo indirimbo zazo zinogeye amatwi zazamukaga zisingiza Umuremyi, Adamu na Eva bikiranyaga nazo bashimira Data wa Twese n’Umwana. {AA 23.1}

Abo bantu b’intungane ntibari abana gusa barerwa n’Imana, ahubwo bari abigishwa bahabwa amabwiriza n’Umuremyi Nyirubwenge bwose. Bagendererwaga n’abamarayika kandi bagashyikirana n’Umuremyi wabo imbonankubone. Bari bafite imbaraga bakomora ku giti cy’ubugingo, kandi ubwenge bwabo bwari munsi y’ubw’abamarayika ho hato. Imana igenga byose kandi ibeshejeho byose yabahishuriye amayobera y’ibyari ku isi - ” ibitangaza by’ubuhanga bwayo buhebuje” (Yobu 37:16) aribyo nkomoko y’umunezero n’amabwiriza bitarondoreka. Umuremyi n’Umugenga wa byose yari yarahaye Adamu na Eva ubumenyi buhanitse bwo kumenya amategeko agenga ibyaremwe n’imikorere yabyo; aribyo abashakashatsi bamaze imyaka ibihumbi magana atandatu biga. Bagiranaga ikiganiro n’ibibabi, indabyo n’ibiti,

kandi bakamenya amabanga y'imibereho yabyo. Adamu yari amenyeranye na buri kiremwa cyose uhereye ku bifi binini bya Lewiyatani byo mu nyanja ukageza ku dukoko duto tuguruka mu kirere. Kuko ari we wari wagiye abyita amazina, yari azi kamere n'imico yabyo byose n'ibyo bikunda. Ikuzo ry'Imana mu ijuru, imibumbe itabarika n'uko ikurikirana, "uko ibicu binyuranamo," amayobera y'umucyo n'amajwi, amayobera y'amanywa n'ijoro — ibyo byose byari bimwe mu byo ababyeyi bacu ba mbere bagombaga kwiga. Izina ry'Imana ryari ryanditswe ku kibabi cyose cyo mu ishyamba cyangwa ku ibuye ryose riri ku musozi, ku nyenyeri yose irabagirana, ku isi, ku mwuka no mu kirere. Gahunda no guhuza bigaragara mu irema byerekana ubwenge n'ubushobozi by'Imana bitagira akagero. Hari byinshi byareherezaga imitima yabo kuzuzwa urukundo kandi bigatuma bagaragaza ishimwe ryabo. {AA 23.2}

Iyo baza gukomeza kugendera mu mategeko y'Imana, bajyaga guhora bunguka ubushobozi butuma ubumenyi, ibyishimo, n'urukundo byabo byiyongera uko bwije n'uko bukeye. Bajyaga gukomeza kunguka ubutunzi bw'ubumenyi, bakavumbura amasoko mashya aturukamo umunezero, kandi bakarushaho gusobanukirwa iby'urukundo rw'Imana rutarondoreka kandi rudacogora. {AA 23.3

IGICE CYA 3 - IGISHUKO NO GUCUMURA

(Iki gice gishingiye mu Itangiriro 3)

Kuko yari atacyemerewe guhungabanya umutekano mu ijuru, urwango Satani yari afitiye Imana yaruhinduriye mu mugambi mushya wo kurimbura ikiremwamuntu. Yiyemeje kuvutsa Adamu na Eva umunezero n'amahoro bari bafite muri Edeni nk'uko na we yari abibuze by'iteka ryose. Ayobowe n'ishyari, yiyemeje kubateza kutumvira, maze abazanira igishinja n'igihano cy'icyaha. Urukundo rwabo yaruhinduyemo kutiringira Imana maze n'indirimbo zabo zo gusingiza zihindukamo kugaya Umuremyi wabo. Ubwo ntiyajyaga kuba aroshye abo baziranenge mu byago gusa nk'ibyo yari yarikururiye ubwe, ahubwo yabaga abateye no kutubaha Imana kandi ateye n'agahinda mu ijuru. {AA 24.1}

Ababyeyi bacu ba mbere ntibabuze kuburirwa ingorane zari zibugarije. Intumwa zivuye mu ijuru zabahishuriye amateka y'uburyo Satani yacumuye n'imigambi yari afite yo kubarimbura, kandi zibasobanurira n'uburyo ingoma y'Imana ashaka gukuraho iteye. Bitewe no kutumvira amategeko y'Imana, Satani n'ingabo ze baragomye baragwa. Byari ingenzi rero ko Adamu na Eva bagomba kumvira amategeko y'Imana kugira ngo bibashoboze kuguma muri gahunda no mu butabera. {AA 24.2}

Amategeko y'Imana aratunganye nk'uko Imana ubwayo itunganye. Yerekana ubushake bwayo, akaba ifoto y'imico yayo, kandi akagaragaza urukundo rwayo n'ubwenge bwayo. Imibereho myiza y'ibyaremwe igengwa no gukurikiza amategeko y'Umuremyi. Imana ishyiraho amategeko agenga ubuyobozi bwayo, ntiyari ayo ibihumeka gusa, ahubwo yarebaga n'imikorere y'ibyaremwe byose. Ikintu cyose cyagenewe amategeko runaka kigomba gukurikiza, kandi ntikigomba kunyuranya nayo. Nyamara n'ubwo hariho amategeko agenga ibyaremwe, umuntu gusa, mu biremwa byose biba ku isi, ni we wahawe guhitamo. Umuntu, we kamba ry'irema, Imana yamuhaye ububasha bwo gusobanukirwa n'ibyo isaba, gusobanukirwa n'ubutabera n'ibyiza by'amategeko yayo; kandi umuntu akayubaha rwose. {AA 24.3}

Kimwe n'abamarayika, abaturage bo muri Edeni, bari bari mu igeragezwa; umunezero wabo wajyaga guturuka ku gukomeza kuba indahemuka ku mategeko y'Imana. Bashoboraga kuyakurikiza bakabaho, cyangwa bakayica bakarimbuka. Imana yari yabagize abaragwa b'imigisha y'uburyo bwose; ariko ubwo banyuranyije n'ubushake bwayo, itarababariye abamarayika bacumuye, na bo ntiyajyaga kubababarira; kwica amategeko yayo byatumye basuzugura impano zayo maze bibazanira agahinda no kurimbuka. {AA 24.4}

Abamarayika barababuriye ngo birinde uburiganya bwa Satani, kuko uburyo akoresha bigoye kubutahura. Iyo bakomeza kumvira Imana, ntacyo umwanzi yajyaga kubakoraho, kuko buri mumarayika wo mu ijuru yajyaga kuza kubafasha. Iyo kandi baza gushikama bakanga ubushukanyi bwe bwa mbere, bari kuguma mu mutekano usesuye. Ariko baramuka bemeye gushukwa, bikabaviramo imbaraga nkeya kandi ntibashobore kurwanya Satani. {AA 25.1}

Igiti kimenyekanisha icyiza n'ikibi cyashyiriweho kugerageza uburyo bumvira Imana n'urukundo bayikunda. Imana yahisemo kubabuza igiti kimwe gusa mubyo bagombaga gukoresha muri ubwo busitani; ariko iyo birengagiza ubushake bw'Imana kuri icyo giti nyir'izina, bari kuba bikururiye igishinja cy'igicumuro. Satani ntiyajyaga gukomeza kubakurikirana abashukashuka; yajyaga kubabonera ku giti cyabuzanyijwe gusa. Iyo bajya gushakisha kumenya kamere yacyo, bari kuba bishyize mu mutego wa Satani. Basabwaga kwitondera imiburo Imana yabohererereje kandi bakanezezwa n'amabwiriza bahawe. {AA 25.2}

Kugira ngo asohoze umugambi we atamenyekanye, Satani yariyoberanyije abinyujije mu buriganya bwe mu kwihindura inzoka. Inzoka yari kimwe mu biremwa bifite ubucakura cyane kandi yarushaga ibindi byose ubwiza. Yari ifite amababa maze yaguruka mu kirere, ukabona ubwiza no kurabagirana kwayo, ifite ibara ritera ibishashi bimeze nka zahabu yatunganyijwe. Ubwo yari iri mu mashami ya cya giti cyabuzanyijwe, iri kurya ku mbuto ziryoshye cyane zacyo, bwari uburyo bwo kurangaza abayireba. Noneho rero, muri bwa busitani bwarangwagamo amahoro, hari hinjiyemo umurimbuzi, urekereje umuhigo. {AA 25.3}

Abamarayika bari baburiye Eva kwirinda gutandukana n'umugabo we igihe bahugiye mu mirimo yabo ya buri munsi; kugumana na we byajyaga kumurinda akaga k'igishuko kuruta kuba wenyine. Ariko amaze gutwarwa n'ibyamurangazaga, aragenda amuva iruhande. Amaze kwibona wenyine, yumvise ko akaga kamusatiriye, ariko arikomeza, yiyumvamo ko afite ubwenge buhagije n'imbaraga zo kumenya ikibi no kucyirinda. Atacyibuka inama abamarayika bamugiriye, Eva yisanze ahagaze imbere ya cya giti Imana yababujije, maze kimutera amatsiko cyane. Amatunda yacyo yari meza cyane, maze yibaza impamvu Imana yakibabujije. Umushukanyi rero aba abonye akito. Nk'urimo kugenzura intekerezo ze, yaramubajije ati, "Ni ukuri koko Imana yaravuze iti, ntimuzarye ku giti cyose cyo muri iyi ngobyi?" Eva aratangara yumvise ibyo yatekerezaga ari byo bivuzwe. Ariko inzoka ikomeza kumuryarya mu ijwi riryoheye amatwi, imubwira ukuntu afite ubwiza buhebuje, kandi ibyo yamubwiraga byari binejeje. Aho guhunga ngo agende, akomeza kuzarira aho, yumva ibyo izoka ivuga. Iyo nibura aza kuvugishwa n'ikiremwa nka marayika, ubwoba bwe bwari kwiyongera, ariko ntiyigeze yiyumvisha ko iyo nzoka itangaje, yabasha guhinduka igikoresho cy'umwanzi wacumuye akajugunywa. {AA 25.4}

Mu gusubiza ikibazo cy'umushukanyi, Eva yagize ati, "Imbuto z'ibiti byo muri ubu busitani twemererwa kuzirya: keretse imbuto z'igiti kiri hagati muri bwo ni zo Imana yatubwiye iti, ntimuzaziryeho, ndetse ntimuzazikoreho, kugira ngo mutazapfa. Iyo nzoka ibwira umugore iti: Reka da, ntimuzapfa! Ahubwo Imana izi yuko umunsi mwaziriyeho, amaso yanyu azahumuka, mukamera nkayo, mukamenya gutandukanya icyiza n'ikibi." {AA 25.5}

Inzoka imubwira yuko kurya imbuto z'icyo giti byajyaga gutuma bazamuka mu ntera y'ubuzima bwabo maze bakagira ubumenyi buhambaye. Kuko na yo ubwayo yari yariye ku mbuto z'icyo giti, yari yagize ubushobozi bwo kuvuga. Kandi mu kumushuka, yanamubwiye ko Imana yakibabujije kubera ishyari ryo kwanga ko bareshya nka yo. Akaba ari yo mpamvu yatumye Imana ibabuza gukora kuri icyo giti no kurya imbuto zacyo kuko cyaheshaga ubwenge n'ubushobozi. Umushukanyi yashimangiye ko iyo miburo mvajuru bidashoboka ko yasohora; ngo ahubwo igamije kubatera ubwoba gusa. Aramubwira ati, "Ariko se byashoboka bite ko mwapfa? Ntimwariye ku giti

cy’ubugingo? Imana irashaka kubabuza amajyambere n’umunezero uruta uwo mwari mufite”. {AA 26.1}

Nguwo umurimo wa Satani guhera mu gihe cya Adamu kugeza ubu, kandi akomeje kuyobya benshi. Yoshya abantu kutiringira urukundo rw’Imana no gushidikanya ubuhanga bwayo. Akomeza gushakisha uko yatera abantu umutima wo kutubaha, kutishima, no guhora bafite irari ryo kwinjira mu mabanga y’ubwenge n’imbaraga z’Imana. Iyo abantu bashakisha iby’Imana yabahishe, benshi bibagirwa ukuri kandi ari ko shingiro ry’agakiza. Satani yoshya abantu kugoma igihe abayobora mu kwizera ko bagiye kunguka ubwenge bw’akataraboneka. Ariko ibyo byose ni ikinyoma. Kwibwira ko barimo kujya mbere, nyamara birengagiza amabwiriza y’Imana, baba batera intambwe basubira inyuma kandi bagana ku rupfu. {AA 26.2}

Satani yabwiye ababyeyi bacu b’abaziranenge yuko bazunguka nibica amategeko y’Imana. Mbese twebwe ntitujya twumva ibimeze nk’ibyo muri iki gihe? Abantu benshi bavuga ko abumvira amategeko y’Imana ari injiji, kandi ko abatayumvira babarusha ibitekerezo byagutse n’umudendezo usesuye. Iryo jwi se ni irindi si rya rindi ryumvikaniye muri Edeni rigira riti, ” Ku munsi mwaziriyeho”- mwagomeye ubushake bw’Imana - “muzahindurwa nk’Imana?” Satani yahamije ko yungutse byinshi ubwo yaryaga ku giti cyabuzanyijwe, ariko ntiyigeze agaragaza ko yari yaraciwe mu ijuru kubera gucumura. Nubwo yabonaga ko icyaha kimugejeje ku kurimbuka kw’iteka ryose, yahishe umubabaro we kugira ngo n’abandi bazawugwemo. N’ubu rero, uwica amategeko ashaka guhisha ingeso ze; ashobora kuvuga ko akiranuka; ariko uko arushaho kwishyira hejuru bituma arushaho kuba mubi nka Satani. Umuntu nk’uwo aba afatanyije na Satani, aribata amategeko y’Imana, kandi aba ayobora abandi mu irimbukiro rihoraho. {AA 26.3}

Eva mu by’ukuri yizeye amagambo ya Satani, nyamara ibyo yizeye ntibyamubujije guhanirwa icyaha yakoze. Yanze kwizera iby’Imana yababwiye, nicyo cyatumye agwa mu cyaha. Mu gihe cy’urubanza, abantu ntibazacirwaho iteka kubera ko bizeye ikinyoma babizi, ahubwo bazahanirwa ko banze kwizera ukuri, kuko birengagije amahirwe yo kumenya ukuri. Ikinyuranyije n’ijambo ry’Imana cyose kiba giturutse kuri Satani, kandi ni ishyano gusuzugura Imana. Imitima yacu igomba guhugukira kumenya ukuri. Ibyo Imana yandikishije mu Ijambo ryayo byose bigomba kutubera imiburo {AA 26.4}

n’amabwiriza. Twabiherewe kuturinda ibishuko. Kubyirengagiza bizatuma turimbuka. Ikinyuranyije cyose n’ijambo ry’Imana, tugomba kumenya ko giturutse kuri Satani. Inzoka yasoromye itunda ry’igiti kibuzanyijwe maze irishyira mu ntoke za Eva washidikanyaga. N’uko imwibutsa amagambo ye ubwe, yuko Imana yababujije kuyakoraho kandi ko bazapfa nibayakoraho. Nta cyari kumuhungabanya ariye kuri izo

mbuto, nk’uko Satani yahamyaga, kuruta kurikoraho. Abonye nta ngaruka zimugezeho kubera ibyo akoze, Eva ashira ubwoba. “Abonye yuko icyo giti gifite ibyokurya byiza, kandi ko ari icy’igikundiro, kandi ko ari icyo kwifuzwa, kimenyesha umuntu ubwenge, asoroma ku mbuto zacyo arazirya.” Cyari kiryoshye bitangaje, kandi ubwo yaryaga, yabaye nk’uwumva afite izindi mbaraga, atekereza ko yageze ku yindi ntera mu mibereho. Nta bwoba na buke, afata kuri zo ararya. Amaze gucumura we ubwe, ahinduka igikoresho cya Satani cyateye umugabo we kurimbuka. Mu isura idasanzwe, ibengerana, azana imbuto za cya giti cyabuzanyijwe, azishyira umugabo, amutekerereza ibyabaye byose. {AA 27.1}

Mu maso h’Adamu hagaragaje umubabaro. Yarumiwe kandi agira ubwoba. Yasubije Eva ko uyu agomba kuba ari wa mwanzi babwiwe, kandi ko kubw’urubanza rw’Imana, Eva agomba gupfa. Eva amusubiza amuhatira kurya ku itunda, kandi amusobanurira ko batazapfa nkuko inzoka yari yamubwiye. Muri we, Eva ntiyumvaga ko hari icyahindutse cyerekana yuko Imana itanejejwe n’ibyo yakoze. Ahubwo yumvise ibinezaneza byinshi bimusabye wese, kandi bimuzaniye ubugingo bushya mu mubiri we wose, nk’aho ibyo yiyumvamo abibwirijwe n’abamarayika. {AA 27.2}

Adamu yasobanukiwe ko umufasha we yari yamaze kwica itegeko ry’Imana, ubwo yirengagizaga icyo Imana yababujije, kandi icyo cyari nk’ikigeragezo cy’ubudahemuka bwabo n’urukundo bakunda Imana. Yagize intambara y’ibitekerezo muri we. Yababajwe n’uko yemereye Eva kugenda akamuva iruhande. Ariko ubwo byari byarangiye; yagombaga gutandukana n’uwari ibyishimo bye. Mbese ni gute byari kumushobokera? Adamu yari yarishimiye kubana n’Imana ndetse n’abamarayika baziranenge. Yari yarabonye ikuzo ry’Umuremyi. Yari yarasobanukiwe urwego rwo hejuru umuntu yajyaga kuzagezwaho, iyo akomeza kumvira Imana. Nyamara ntiyita kuri iyo migisha yose kuko yari afite ubwoba bwo kubura impano imwe rukumbi yamurutiraga izindi zose. Urukundo, ishimwe, no kubaha Umuremyi — byose yabirutishije urukundo yakundaga Eva. Yari urugingo rwo mu ngingo ze, ubwo rero ntiyajyaga gushobora kwihanganira gutandukana na we. Ntiyibutse ko Nyirubushobozi butarondorwa wamuremye amukuye mu mukungugu, akamugira ikiremwa gihebuje, kandi kubw’urukundo, akamuha umufasha, yabasha kumuha undi wajyaga gusimbura Eva. Yiyemeje gusangira byose na we; niba agomba gupfa, bagomba gupfana. Yaribwiye ati, aho none ibyo ya nzoka y’incakura yavuze ntibyari ukuri? Eva yagaragaraga nk’ufite uburanga buhebuje imbere ya Adamu, nk’uko yamubonaga na mbere yo gukora iki gikorwa cyo kutumvira. Eva yamweretse urukundo ruhebuje kuruta mbere hose. Nta kimenyetso cyerekanaga urupfu icyo ari cyo cyose cyagaragaraga kuri Eva, maze Adamu ahitamo guhangana n’inkurikizi. Adamu afata iryo tunda ahita arirya bwangu. {AA 27.3}

Amaze gucumura, Adamu yabanje kumva asa nk’aho azamutse mu ntera y’ubuzima.

Ariko hashize akanya gato, atekereza icyaha amaze gukora maze amarwa n’ubwoba. Umwuka mwiza n’ikirere kidahindagurika bari bafite aho muri Edeni, byatangiye guhindukira ukundi abo bantu bari bafite igishinja muri bo. Urukundo n’amahoro bari bafite byari byayoyotse, kandi mu cyimbo cyabyo bumvaga bafite icyaha, ubwoba bw’ibyari bigiye kubabaho, ndetse bumva umutima wabo usa nk’uwambaye ubusa. Ikanzu y’ubwiza bari bambaye ibatamurukaho, maze bagerageza kwikorera utundi twambaro; kuko batari gushobora guhura n’Imana n’abamarayika baziranenge bambaye ubusa.

{AA 28.1}

Noneho batangira kumenya imiterere nyakuri y’icyaha cyabo. Adamu yitakanye umugore we amuhora ubupfayongo yagize ubwo yafataga icyemezo cyo kumuva iruhande akemera gushukwa n’inzoka; ariko bombi biremye agatima ko Imana yaberetse ko ibakunda cyane izababababarira iki gicumuro kimwe; cyangwa itashobora kubahana bigeze aho nk’uko babitinyaga. {AA 28.2}

Satani yishimiye ko atsinze. Yari yashutse umugore ntiyiringira urukundo rw’Imana, ashidikanya ubuhanga bwayo, maze ayicumuraho, kandi Satani yakoresheje umugore ateza Adamu kugwa! {AA 28.3}

Ariko Umutware Nyiramategeko yari hafi kumenyesha Adamu na Eva ingaruka yo gucumura kwabo. Imana yiyerekanye muri Edeni. Igihe bari bakiri abaziranenge, bakiraga Umuremyi wabo banezerewe cyane; ariko noneho bagize ubwoba barahunga bashaka aho bihisha muri ubwo busitani. Ariko “Uwiteka Imana ihamagara Adamu iti: “Uri he?” Arayisubiza ati: Numvise imirindi yawe muri ubu busitani, ntinyishwa nuko nambaye ubusa, ndihisha. Iramusubiza iti: Ni nde wakubwiye ko wambaye ubusa? Wariye kuri cya giti nakubujije kuryaho?” {AA 28.4}

Adamu, aho guhakana cyangwa ngo asabe imbabazi z’icyaha cye, ngo agaragaze ko kimubabaje, ahubwo yaherereje icyaha ku mugore we, aba agihererereje no ku Mana ubwayo : “Umugore wampaye ngo tubane, ni we wampaye ku mbuto z’icyo giti, ndazirya.” Kubwo urukundo yakundaga Eva, Adamu yari yahisemo kureka gushimwa n’Imana no guhara urugo rwe rwo muri Paradizo n’ubugingo buhoraho bwuzuye ibyishimo; noneho dore agerageje guherereza icyaha cye ku mugore we ndetse no ku Muremyi ubwe. Mbega ukuntu icyaha gifite imbaraga ziteye ubwoba! {AA 28.5}

Igihe umugore yabazwaga ngo, “Icyo wakoze icyo ni iki?” Yarashubije ati: Inzoka yanshukashutse ndazirya.” “Ni kuki waremye inzoka? Ni kuki wayemereye kuza mu murima wa Edeni?” - Ibi ni ibibazo tubona mu kwiregura kwe kwa mbere. Kimwe na Adamu, Eva na we yashinje Imana kugira uruhare mu gucumura kwe. Umutima wo kwitsindishiriza wakomotse kuri se w’ibinyoma; kandi winjiye mu babyeyi bacu ba

mbere ubwo bari bamaze kujya mu butware bwa Satani, kandi wakomeje gukurikirana abakomoka kuri Adamu bose kugeza magingo aya. Aho kwicisha bugufi ngo bihane ibyaha byabo, bagerageje kubigereka ku bandi, ku bihe barimo, cyangwa ku Mana — ndetse imigisha yayo bagatangira kuyinubira batuka Imana. {AA 28.6}

Uwiteka rero acira inzoka ho iteka ati, “Kuko ukoze ibyo, uri ikivume kirengeje amatungo yose n’inyamaswa zo mu ishyamba zose; uzajya ugenda ukurura inda, uzajya urya umukungugu, iminsi yose y’ubugingo bwawe.” Kuko yari yemeye kuba igikoresho cya Satani, yagombaga kugibwaho gusangira umuvumo na Satani, agacirwa urubanza n’ijuru. Inzoka yagombaga kwamburwa bwa bwiza yari ifite buhebuje kandi bwatangarirwaga n’ibindi biremwa byose byo mu gasozi, igahinduka mbi cyane kandi ikangwa kurusha ibindi byose, maze abantu n’inyamaswa bakayitinya kandi bakayanga. Amagambo yakurikiyeho, Imana yayabwiye inzoka ariko abwirwa Satani ubwe, yerekeza ku gutsindwa kwe guheruka no kurimbuka kwe: “Nzashyira urwango hagati yawe n’uyu mugore, no hagati y’urubyaro rwawe n’urwe: ruzagukomeretsa umutwe, nawe uzarukomeretsa agatsinsino.” {AA 29.1}

Eva yabwiwe agahinda n’umubabaro azagira. Maze Uhoraho aramubwira ati, “Kwifuza kwawe kuzaherera ku mugabo na we azagutwara.” Imana yari yaramuremanye uburenganzira bungana n’ubwa Adamu. Iyo baza gukomeza kumvira Imana, bagakomeza kugendera mu mategeko yayo y’urukundo, na bo ubwabo bari gukomeza kumvikana; ariko icyaha cyazanye kutumvikana, bituma kugira ngo umubano wabo ubonere, ari uko umwe yakorohera undi. Eva ni we wabanje gucumura. Kandi yacumujwe no kuba yaratandukanye na mugenzi we, bikaba byari binyuranyije n’amategeko y’ijuru. Adamu na we yacumujwe no kwinginga kwa Eva, noneho Imana iha Eva gutegekwa n’umugabo we. Iyo ubwo bwoko bwacumuye buza kwishimira amahame yo mu itegeko ry’Imana, nubwo baramiraga mu ngaruka z’icyaha, urubanza bari baciriwe rwari kubabera umugisha; ariko umugabo yakoresheje nabi isumbwe yahawe, bituma umugore abona uwo mutwaro uremereye imibereho ye. {AA 29.2}

Mu rugo rwe rwo muri Edeni, Eva yari yarahagiriye umunezero wuzuye igihe yari iruhande rw’umugabo we muri Edeni; nyamara nk’uko ba “Eva” b’iki gihe bakunze kubyibwira, yarishutse yibwira ko imibereho ye izasumba iyo Imana yari yamuhaye. Ubwo yageragezaga kuzamuka mu ntera yari afite, ni bwo ahubwo yaguye bidasubirwaho. Uko niko bizamera ku bashaka kwishyira mu mwanya w’Imana bakanyuranya n’umugambi wayo. Kubwo gushaka guharanira kugera ku myanya Imana itabaringanirije, abenshi bava aho bari bakwiriye kubera [abandi] umugisha. Mu kwifuza kuba ku mwanya uhanitse w’icyubahiro, abenshi baguranye icyubahiro nyakuri cyo kuba umugore bareka n’imico iboneye, bityo banga gukora umurimo Ijuru ryabashinze gukora. {AA 29.3}

Uwiteka abwira Adamu ati ‘Ubwo wumviye umugore wawe, ukarya ku giti nakubujije ko utazakiryaho, uzaniye ubutaka kuvumwa; iminsi yose yo kubaho kwawe, uzajya urya ibibuvamo, ugombye kubiruhira; buzajya bukumereramo imikeri n’ibitovu; na we uzajya urya imboga zo mu murima: gututubikana ko mu maso hawe ni ko kuzaguhesha umutsima urinde ugeza ubwo uzasubira mu butaka kuko ari mo wakuwe: uri umukungugu, mu mukungugu ni mo uzasubira.” {AA 29.4}

Ntabwo byari ubushake bw’Imana ko abo baziranenge bamenya ikibi. Ku bushake bwayo, yari yarabahaye ibyiza, maze ibima ibibi. Ariko kuko baciye ukubiri n’itegeko ryayo, bariye ku giti kibuzanyijwe, kandi kuko bakomeje kukiryaho — bagombaga kumenya ikibi — iminsi yose y’ ubuzima bwabo bwose. Kuva icyo gihe, ikiremwamuntu kiba cyishyize mu mutego wa Satani. Aho gukorana umunezero, bagombaga guhora bahagaritse umutima kandi biyuha akuya. Bagombaga kwiheba, bakagira agahinda n’umubabaro mwinshi n’umuruho, hanyuma bagapfa. {AA 29.5}

Kubera umuvumo w’icyaha, ibyaremwe byose byagombaga guhamiriza umuntu ububi n’ingaruka zo kwigomeka ku Mana. Igihe umuntu yaremwaga, Imana yari yamuhaye gutwara isi n’ibiyirimo byose. Iyo Adamu aza gukomeza kuyoboka Imana, ibyaremwe byose byari gukomeza kuba munsi y’ubutware bwe. Ariko igihe yagomeraga amategeko y’Imana, n’ibiremwa yategekaga byaramugomeye. Kubwo imbabazi ze zitagira akagero, Uwiteka yeretse abantu uburyo amategeko ye ari ayera; kandi ko abayobora, akabereka akaga byatera baramutse bayateshutseho, ndetse n’ubwo byaba ku rugero ruto cyane. {AA 30.1}

Iyo mibereho y’umuntu irangwa n’umurimo no kwita kubyo yahawe, Imana yayimuhanye urukundo. Cyari igikorwa cy’ingenzi kubera icyaha cye; byajyaga kumurinda kwikuza no kumufasha gutegeka irari rye. Iyo yari ingingo imwe mu ngingo zigize umugambi ukomeye w’Imana wo kuzahura umuntu. {AA 30.2}

Ubwo Imana yaburiraga ababyeyi bacu ngo, “Umunsi mwakiriyeho no gupfa muzapfa” (Itangiriro 2:17) ntikwari ukuvuga ko umunsi bariye ku giti kibuzanyijwe ari nawo munsi bazapfiraho. Ariko uwo munsi ni ho urubanza rudasubirwaho rwari gucibwa. Kumvira kwabo ni ko kwari gushingiyeho isezerano ribahesha kudapfa; ariko kubwo gucumura, bari kubura ubugingo buhoraho. Kuri uwo munsi nyirizina ni bwo bagombaga kugerwaho n’urubanza rwo gupfa. {AA 30.3}

Kugira ngo umuntu agire ubugingo buhoraho, yagombaga guhora arya ku giti cy’ubugingo. Akibujijwe, ubuzima bwe bwagombaga kugenda bugabanuka kugeza igihe buzimye. Byari umugambi wa Satani ko Adamu na Eva basuzugura maze Imana ikabarakarira; hanyuma batababarirwa, bagakomeza kurya ku giti cy’ubugingo, bakaramira mu cyaha no mu buhanya. Ariko umuntu akimara gucumura, abamarayika baziranenge bashyizweho kurinda igiti cy’ubugingo. Iruhande rwabo hari umucyo

utangaje umeze nk’inkota irabagirana. Nta muntu wo mu muryango wa Adamu wemerewe kurenga urwo rugabano ngo akore kuri icyo giti gitanga ubugingo; nuko ntihabaho umunyacyaha udapfa. {AA 30.4}

Benshi babona ko ingaruka zo gucumura kw’ababyeyi bacu ba mbere zirengeje urugero ugereranyije n’icyaha gito bakoze, maze bagashinja ubwenge n’ubutabera by’Imana ko byakabije guhana umuntu byihanukiriye. Nyamara baramutse bagenzuye neza iyi ngingo, babona neza ukwibeshya kwabo. Imana yaremye umuntu asa na Yo, atarangwamo icyaha. Isi yagombaga guturwamo n’ibiremwa biri munsi y’abamarayika ho hato; ariko kumvira kwabyo kwagombaga kugeragezwa; kuko Imana itari kwemerera isi ko yuzurwamo n’abazaca ukubiri n’amategeko yayo. Ariko kubwo imbabazi z’Imana zitagira akagero, ntiyahaye Adamu ikigeragezo gikomeye. Ni nayo mpamvu ukoroha kw’icyo yari yabujijwe kwatumye icyaha cye gikomera cyane. Niba Adamu atarashoboye kwihanganira ikigeragezo gito, ntiyari kuzabasha kwihanganira ikirushijeho gukomera igihe yari kuba ahawe inshingano zikomeye. {AA 30.5}

Iyo Adamu ahabwa ikigeragezo kirushijeho gukomera, abafite imitima irarikira ibibi bajyaga kubona urwitwazo bavuga bati, “Ibi ntacyo bitwaye, kandi Imana ntiyita ku tuntu dutoya.” Hajyaga kubaho gucumura guhoraho mu tuntu tugaragara nk’aho ari duto, kandi abantu ntibakangarwe kubera ibyo bakoze. Nyamara Imana yahamije ko yanga icyaha uko cyaba kingana kose. {AA 31.1}

Kuri Eva, gusuzugura Imana arya ku mbuto z’igiti cyabuzanyijwe, ndetse agashuka umugabo we ngo acumure, yabibonaga nk’akantu gato cyane; nyamara icyaha cyabo ni cyo cyabaye irembo ishyano ryinjiriyemo ku isi yose. Ni nde wari kumenya ko intambwe mbi imwe gusa bateye yari kuzazana ingaruka ziteye ubwoba?

{AA 31.2}

Benshi bigisha ko umuntu adahambiriwe ku mategeko y’Imana, bavuga ko bidashoboka ko umuntu akurikiza ibyo asaba. Iyo biza kuba iby’ukuri, ese ni kuki Adamu yahawe igihano cyo gucumura? Icyaha cy’ababyeyi bacu ba mbere cyazaniye abatuye isi ishavu n’agahinda, kandi iyo hatabaho kugira neza n’imbabazi by’Imana, icyaha cyajyaga kuroha abantu mu bwihebe. Ntihakagire abishuka. “Ibihembo by’ibyaha ni urupfu. “Abaroma 6:23. Ntabwo itegeko ry’Imana rizicwa ngo rireke guhana nk’uko ritaretse gucira urubanza se w’inyokomuntu.

{AA 31.3}

Bamaze gucumura, Adamu na Eva ntibagumye muri Edeni. Binginze Imana ngo ibarekere mu rugo rwabo babagamo mu byishimo bataracumura. Batuye ko bivukije umudendezo wari aho muri Edeni, ariko barahirira ko noneho bazajya bumvira Imana

bakomeje. Ariko babwiwe yuko kamere yabo yari yamaze kwanduzwa n’icyaha; imbaraga zabo zo kurwanya icyaha zari zagabanutse kandi bari bahaye Satani urwaho muri bo. Bakiri inziramakemwa, bishoye mu bishuko; noneho rero bamaze kubona ko bakoze icyaha, sibwo bari kugira ubushobozi buhagije bwo gukomeza kuba inyangamugayo. {AA 31.4}

Mu gukorwa n’isoni no mu gahinda katavugwa, Adamu na Eva basezeye ku rugo rwabo rwari rwiza bihebuje hanyuma bajya gutura ahandi, ku isi yariho umuvumo w’icyaha. Ubwo rero ikirere n’ibihe byatangiye guhinduka nabi, maze Uwiteka kubwo imbabazi ze, abaha imyambaro ikozwe mu mpu kugira ngo ibarinde ubushyuhe n’imbeho bikabije. {AA 31.5}

Babonye indabyo zitangiye guhunguka n’amababi atangiye kugwa, ari byo bimenyetso bya mbere byo kubora, Adamu n’umugore we baraboroga cyane kuruta uko abantu muri iki gihe baboroga iyo bapfushije. Urupfu rw’ibinyantege nke, n’urwo indabo ziteye igikundo byateje agahinda; ariko ubwo ibiti byiza byatangiraga guhungukaho ibibabi byabyo, byababereye igihamya ko urupfu rwari rwabaye umugabane w’ikintu cyose gifite ubugingo. {AA 31.6}

Umurima wa Edeni wagumye ku isi igihe kirekire cyane nyuma y’aho umuntu yabujijwe kongera kunyura mu tuyira twawo duteye ubwuzu. Umuntu wacumuye yemerewe kuzajya yitegereza gusa aho yahoze atujwe, ariko amarembo y’aho yari arinzwe n’abamarayika. Aho abakerubi bari ku irembo rya Paradizo, hagaragaraga ikuzo ry’Imana. Aho niho Adamu n’urubyaro rwe bazaga kuramiriza Imana. Niho kandi bavugururiye indahiro zabo zo kumvira itegeko bagomeye bigatuma bacibwa muri Edeni. Igihe ibicumuro byuzuraga ku isi, kandi ubwo ubugome bw’abantu bwatumaga barimburwa n’Umwuzure, ukuboko kwari kwarashyizeho Edeni ni ko kwayikuye ku isi. Ariko ku iherezo, ubwo ibintu byose bizahindurwa bishya, ubwo hazabaho “ijuru rishya n’isi nshya,” Ibyahishuwe 21:1, [Edeni] na yo ni bwo izagarurwa irimbishijwe biruta ibya mbere. {AA 31.7}

Nuko rero, abakomeza amategeko y’Imana bazahabwa imbaraga zo kudapfa nibegera igiti cy’ubugingo; kandi ibihe n’ibihe, abazatura muri iyo si izira icyaha bazabona muri ubwo busitani bunejeje, umusogongero w’imirimo y’Imana yo kurema izira amakemwa, itigeze kugerwaho n’umuvumo w’icyaha — bibonere uko isi yose yari kumera, iyo umuntu aza kuzuza umugambi utangaje w’Umuremyi. {AA 32.1}

IGICE CYA 4 - UMUGAMBI WO GUCUNGURWA

Gucumura k'umuntu kwateje abatuye ijuru bose umubabaro mwinshi. Isi Imana yari yaremye yagezweho n'umuvumo w'icyaha kandi ibyaremwe biyituye bigerwaho n'ubuhanya n'urupfu. Byasaga nk'aho abishe amategeko badafite amakiriro. Abamarayika barorereye kuririmba indirimbo zo gusingiza Imana. Mu bikari byo mu ijuru hari umuborogo kubera kurimbuka kuzanywe n'icyaha. {AA 33.1}

Umwana w'Imana, akaba Umutware w'icyubahiro w'ingabo zo mu ijuru, yagiriye impuhwe abo bantu bari bacumuye. Umutima we wuzuye imbabazi zitarondoreka igihe ishyano ryo kurimbuka kw'isi ryazamukaga rikagera imbere ye. Nyamara, urukundo rw'Imana rwari rwarateguye umugambi wo gucungura umuntu. Umunyacyaha wicaga itegeko ry'Imana yaburaga ubugingo bwe. Mu bari ku isi yose no mu ijuru, umwe gusa ni we wenyine washoboraga kujya mu cyimbo cy'umuntu, akuzuza ibyo itegeko risaba. Nk'uko itegeko ari iriziranenge nk'uko Imana ubwayo izira inenge, umwe gusa ufite ububasha nk'ubw'Imana, niwe washoboraga guhongerera icyo gicumuro. Nta wundi uretse Kristo washoboraga gucungura umuntu akamukura mu muvumo wo kwica amategeko, akongera kumuhuza n'ijuru. Kristo yagombaga kwishyiraho urubanza n'isoni by'icyaha, icyaha cyo guhemukira Imana itagira inenge, cyagombaga gutandukanya Imana n'Umwana wayo. Kristo yagombaga kugera kuri urwo rwego kugira ngo acungure umuntu wari ugiye kuzimira. {AA 33.2}

Kristo yari imbere ya Se atakambira umunyabyaha, igihe abamarayika bo mu ijuru bari bategerezanyije amatsiko ibigiye kuba bitarondoreka. Uwo mwiherero wamaze igihe kinini ubera mu ibanga — "inama zizana amahoro" (Zakariya 6:13) wari ugamije gucungurwa kw'abana b'abantu bacumuye. Inama y'agakiza yari yarateguwe mbere yo kuremwa kw'isi; kuko Kristo ari "Umwana w'Intama watambwe uhereye ku kuremwa kw'isi" (Ibyahishuwe 13:8); ariko kandi ntibyari byoroshye kugira ngo Umwami w'ijuru n'isi yijishure Umwana we ngo apfire ubwoko bwacumuye. Ariko "kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga umwana wayo w'ikinege, kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho." Yohana 3:16. Mbega ibanga ryo gucungurwa! Urukundo Imana yakunze abari mu isi kandi bo batarayikunze! Ni nde warondora iby'urwo rukundo "rurenze ubumenyi bwose?" Uko ibihe bihaye ibindi, abamarayika batacumuye bazahora bashaka gusobanukirwa n'ibanga ry'urwo rukundo rutarondoreka, bazatangara kandi bashime Imana. {AA 33.3}

Imana yigaragarije muri Kristo, "yiyungira muri We n'abari mu isi" 2 Abakorinto 5:19. Umuntu yari yarangijwe cyane n'icyaha ku buryo atashobora ubwe kwiyunga n' Uwari ufite kamere itagira inenge kandi y'inyambabazi. Ariko Kristo amaze gucungura umuntu mu bubata bwo kwica amategeko, yasendereje imbaraga z'ubumana kugira ngo yiyunge n'umuntu. Nuko rero, kubwo kwihana imbere y'Imana no kwizera Kristo,

urubyaro rwa Adamu wacumuye rubashe guhinduka “abana b’Imana” 1 Yohana 3:2. {AA 33.4}

Umugambi wo gukiza umuntu wagombaga kuzuzwa gusa ari uko habayeho igitambo cy’ijuru uko ryakabaye. Abamarayika ntibishimye ubwo Kristo yabamenyeshaga iby’umugambi w’agakiza, kuko babonaga ko agakiza k’umuntu kagiye gutuma Umugaba wabo Mukuru agerwaho n’ishyano ritavugwa. Ubwo yababwiraga uko azicisha bugufi akaza ku isi, agasiga ijuru rizira ubwandu, n’amahoro, umunezero waryo n’ikuzo ryaho n’imibereho irangwa no kudapfa, maze akaza ku isi yahenebereye, akihanganira kubabazwa, gukorwa n’isoni no gupfa agashinyagurirwa, bari bamuteze amatwi bababaye kandi baguye mu kantu. Yagombaga guhagarara hagati y’umunyabyaha n’igihano cy’icyaha; ariko kandi bake gusa nibo bari kumwakira nk’Umwana w’Imana. Yagombaga gusiga icyubahiro giheranije nk’Umwami w’ijuru, akicisha bugufi nk’umuntu, akimenyereza umubabaro n’ibigeragezo umuntu yagombaga guhangana na byo. Ibi byose byari bikenewe kugira ngo ashobore gutabara abari mu bigeragezo bose. Abaheburayo 2:18. Kandi ubwo yendaga kurangiza umurimo we nk’umwigisha, yagombaga guhanwa mu maboko y’abagome kandi ntatinye ibitutsi n’agashinyaguro biturutse kubo Satani yigaruriye. Yagombaga gupfa urupfu rubi cyane kuruta impfu zose, akamanikwa hagati y’isi n’ijuru nk’umunyabyaha ruharwa. Yagombaga kumara igihe kinini ababazwa biteye ubwoba ku buryo n’abamarayika batari gutinyuka kubireba, ahubwo bagahisha mu maso habo ngo batabibona. Yagombaga kwihanganira intimba yo ku mutima, agahishwa mu maso ha Se, bitewe n’igicumuro, umutwaro w’ibyaha by’abari mu isi bose byajyaga kumugerekwaho. {AA 33.5}

Abamarayika bikubise ku birenge by’Umugaba wabo bashaka kuba igitambo cy’umuntu. Ariko ubugingo bw’umumarayika ntibwashoboraga kwishyura uwo umwenda; keretse gusa Uwamuremye ni we wari ufite ububasha bwo kumucungura. Ariko kandi abamarayika bagombaga kugira uruhare mu mugambi wo gucungurwa. Kristo yagombaga “gucishwa bugufi akaba hasi y’abamarayika ho hato kubw’umubabaro w’urupfu.” Abaheburayo 2:9. Nk’uko yagombaga gufata kamere y’umuntu, imbaraga ze ntizajyaga kungana n’izabo, ahubwo bagombaga kumukorera, bakamukomeza kandi bakamuhumuriza mu mibabaro ye. Bagombaga kandi kuba imyuka ikorera Imana, “itumwa gukora umurimo wo gufasha abazaragwa agakiza.” Abaheburayo 1:14. Bajyaga kuba abarinzi b’abo Imana yagiriye neza kugira ngo batagerwaho n’imbaraga y’abamarayika b’umubi kandi bakabarinda umwijima Satani yajyaga kubarohamo. {AA 34.1}

Ubwo abamarayika bajyaga kubona intimba no gukorwa n’isoni by’Umwami wabo, bajyaga kuzurwa n’ishavu no kumva bagushije ishyano maze bakifuza kuba bamuvuvunura mu nzra z’abo bicanyi; ariko nta cyagombaga kubabuza kubona ibyo

biba. Wari umugabane w’umugambi wo gucungurwa ko Kristo agomba gusuzugurwa, akagirirwa nabi n’abagome, kandi yari yabyemereye imbere ya bose ubwo yabaga Umucunguzi w’abantu. {AA 34.2}

Kristo yijeje abamarayika ko urupfu rwe ruzacungura benshi kandi rukarimbura ufite ububasha bw’urupfu. Yajyaga gusubizaho ubwami umuntu yari yaravukijwe no gucumura, kandi abacunguwe bakazaburagwa bakababubanamo n’Umukiza wabo ubuzira herezo. Icyaha n’abanyabyaha byajyaga gukurwaho ubutazongera guhungabanya umutekano mu ijuru cyangwa mu isi. Yingingiye abamarayika kugendera mu bushake bw’Imana, kandi bakishimira ko, binyuze mu rupfu rwe, umuntu wacumuye ashobora kwiyunga n’Imana. {AA 34.3}

Maze ibyishimo bitavugwa bisaba ijuru. Ikuzo n’uguhirwa kw’isi icunguwe byasumbye intimba n’igitambo cy’Umwami utanga ubugingo. Mu bikari byo mu ijuru hose humvikanye amajwi ya mbere y’indirimho yajyaga kumvikanira ku misozi y’i Betelehemu ngo, “Mu ijuru icyubahiro kibe icy’Irnana, no mu isi amahoro abe mu bo yishimira”Luka 2:14. Hamwe n’umunezero mwishi noneho umeze nk’uzabasaba mu gihe cy’irema rishya, “inyenyeri zo mu ruturutumu zaririmbaga zikiranya, maze abana b’Imana bose bakarangurura ijwi ry’ibyishimo” Yobu 38:7. {AA 35.1}

Ku muntu, ikimenyetso cya mbere cyo gucungurwa kwe cyatangarijwe mu rubanza rwaciriwe Satani ubwo yari muri Edeni. Igihe Imana yavugaga iti “Nzashyira urwango hagati yawe n’uyu mugore, no hagati y’urubyaro rwawe n’urwe: ruzakujanjagura umutwe na we uzarukomeretsa agatsintsino” Itangriro 3:15. Uru rubanza rwari rusomewe ababyeyi bacu ba mbere, ryari isezerano kuri bo. Nk’uko byari byavuzwe mbere ko hazabaho intambara hagati y’umuntu na Satani, byahamyaga ko ku iherezo imbaraga y’umwanzi ikomeye izashiraho. Adamu na Eva bahagaze nk’abagizi ba nabi imbere y’Umucamanza ukiranuka, bategereje uko urubanza rwo gucumura rucibwa; ariko batarumva uko bazagira imibereho y’umuruho n’agahinda cyangwa ngo bumve itegeko nshinga rivuga ko bagomba gusubira mu mukungugu, bategeye amatwi amagambo yashoboraga kubaha ibyiringiro. Nyamara nubwo bagombaga guhura n’ingaruka z’umuvumo wabo ukomeye, bashoboraga kurangamira ukunesha guheruka. {AA 35.2}

Igihe Satani yabwirwaga ko hazabaho urwango hagati ye n’umugore, no hagati y’urubyaro rwe n’urubyaro rw’umugore, yamenye ko umurimo we wo gutsemba ikiremwamuntu uzakomwa mu nkokora; ko hari uburyo umuntu azabashishwa kwiganzura imbaraga ye. Na none kandi ubwo inama y’agakiza yari yujujwe, Satani n’abamarayika be banejejwe n’uko bacumuje umuntu, byatuma n’Umwana w’Imana amanuka ku ntebe ye y’icyubahiro. Yahamije ko imigambi ye yo koreka isi yujujwe, kandi ko igihe Kristo azaba yambaye kamere muntu, azaba atsinzwe, maze

gucungurwa k’umuntu kukaburizwamo.

{AA 35.3}

Abamarayika bo mu ijuru bahishuriye neza ababyeyi bacu ba mbere umugambi w’agakiza kabo. Adamu n’umugore we bahamirijwe ko hatitawe ku cyaha cyabo gikomeye, ntibagombaga kurekerwa mu maboko ya Satani. Umwana w’Imana yari yemeye kubabera igitambo, atanga ubugingo bwe kubera ibyaha byaho. Bagombaga guhabwa igihe cy’imbabazi, kandi binyuze mu kwihana no kwizera Kristo, bakazongera kuba abana b’Imana. {AA 35.4}

Igitambo Adamu na Eva basabwaga gutamba kubwo igucumuro cyabo cyabahishuriye ko amategeko y’Imana arangwa n’imico izira inenge; kandi barabibonye, nubwo bwari ubwa mbere babona ububi bw’icyaha n’ingaruka zacyo. Bagize inkomanga n’intimba ku mutima, maze bingingira ko igihano kingana gutyo kitagera k’uwabakunze urukundo bakesha umunezero wose; ko ahubwo kigerekwa kuri bo no ku rubyaro rwabo. {AA 35.5}

Babwiwe ko niba amategeko y’Uhoraho ari urufatiro rw’ubutegetsi bw’Imana mu ijuru no mu isi, nta n’ubwo ubugingo bw’umumarayika bushobora kwemerwa nk’igitambo cyo kugomera itegeko. Nta na rimwe mu mategeko ryagombaga gukurwaho cyangwa ngo rihinduke kugira ngo rishyigikire imyitwarire y’umuntu wacumuye; ariko Umwana w’Imana, we waremye umuntu, yashobora kumubera igitambo. Nk’uko igicumuro cya Adamu cyazanye umubabaro n’urupfu, niko n’igitambo cya Kristo cyazanye ubugingo no kudapfa. {AA 35.6}

Umuntu si we wenyine washyizwe mu buhanya bw’icyaha, ahubwo n’isi ubwayo yagezweho n’ingaruka z’icyaha; bityo rero na yo ikaba ikeneye kuzahurwa n’umugambi wo gucungurwa. Mu kuremwa kwe, Adamu yahawe gutegeka isi yose. Ariko ubwo yirohaga mu bishuko, yishyize mu bubata bwa Satani. “Erega umuntu aba mu buja bw’ikintu cyose cyamuganje” 2 Petero 2:19, B.I.I. Umuntu amaze kuba imbohe ya Satani, ubutware yari afite bwafashwe n’uwamwigaruriye. Isi yari yahawe gutegeka iherako iba iya Satani. Nuko Satani ahinduka “imana y’iyi si” 2 Abakorinto 4:4. Ariko Kristo, kubwo igitambo cye yishyuye igihano cy’icyaha, kitajyaga gucungura umuntu gusa ahubwo n’isi yari yaroretswe no gucumura kw’Adamu ngo isubizwe uko yahoze imeze mbere. Ibintu byose byari byarazimiye kubera Adamu wa mbere bizongera kuboneka kubera Adamu wa kabiri, nk’uko umuhanuzi avuga ati, “Siyoni we, uri umunara ntamenwa, ni wowe mpagararaho kugira ngo ndinde umukumbi wanjye, ubutware wahoranye buzakugarukira, ube umurwa w’umwami.” Mika 4.8. Intumwa Pawulo na we yavuze kuby’umusogongero w’umunani tuzahabwa Abefeso 1:14. Imana yaremeye isi kuba icumbi ry’ibiremwa bitagira inenge. Uhoraho ni we “wahanze isi, arayishimangira, ntiyayiremeye kuba ikidaturwa, ahubwo yayiremeye guturwa

n’abantu” Yesaya 45:18. Uwo mugambi uzasohozwa igihe isi izaba imaze guhindurwa nshya n’imbaraga y’Imana, kandi itarangwamo icyaha n’umubabaro, kandi izahinduka icumbi rihoraho ry’abacunguwe. “Intungane zizaragwa igihugu, zizakibamo ubuziraherezo. Kandi nta muvumo uzongera kubaho ukundi: ahubwo intebe ya cyami y’Imana n’iy’Umwana w’Intama izaba iri mu murwa, kandi abagaragu bayo bazayikorera.” Zaburi 37:29; Ibyahishuwe 22:3. {AA 36.1}

Adamu ataracumura, yanezezwaga no kugirana umushyikirano n’Umuremyi we; ariko icyaha cyatandukanyije umuntu n’Imana, kandi Kristo wenyine nk’Umuhuza wacu n’Imana, ni we wasiba uwo mworera maze isi ikagerwaho n’agakiza gakomotse mu ijuru. Umuntu ntiyari agifite uburyo bwo kwegera Umuremyi we, ariko Imana yavuganiye na we ibinyujije muri Kristo n’abamarayika. {AA 36.2}

Nuko rero Adamu yahishuriwe ibintu by’ingenzi bizaranga amateka y’ikiremwamuntu, uhereye igihe yacirwaga urubanza n’ijuru muri Edeni, mu gihe cy’Umwuzure, ugakomeza kugeza ku kuza kwa mbere k’Umwana w’Imana. Yeretswe ko n’ubwo igitambo cya Kristo gihagije gucungura isi yose, benshi bazahitamo imibereho y’ibyaha aho guhitamo imibereho yo kwihana no kumvira. Ubugizi bwa nabi buziyongera uko ibihe bizajya bihita, umuvumo w’icyaha uzakomeza kuba ku bantu, ku nyamaswa no ku isi. Iminsi yo kurama k’umuntu izatuba bitewe n’icyaha cye; azajya agenda yonda kandi ububasha bwe no kwihangana, ibya mwuka, n’iby’ubwenge bizasubira inyuma kugeza ubwo isi izuzuramo ubuhanya bukabije. Bitewe n’umururumba n’irari, abantu ntibazashobora kwishimira ukuri guhebuje dukesha ukuri kw’umugambi w’agakiza. Nanone kandi, Kristo, mu kuri k’umugambi watumye amanuka mu ijuru, azakomeza kwireherezaho abantu, kandi akomeze kubararikira guhisha intege nke n’ububi bwabo muri We. Ku bamusanga bose bizeye, azabaha ibyo bakeneye. Kandi hari bake bazagundira ijambo ry’Imana kandi ni bo bazasangwa batanduye.

{AA 36.3}

Ibitambo byashyizweho n’Imana kugira ngo bijye bihora byibutsa umuntu kandi bitume yicuza icyaha no guhamya ko yizeye Umucunguzi twasezeraniwe. Byari bigendereye kwereka abantu bacumuye ukuri kudashidikanywa ko icyaha cyateye urupfu. Ariko Adamu we, igitambo cye cya mbere cyaramushenguye cyane kuko ukuboko kwe kwagombaga gukuraho ubugingo, kandi butangwa n’Imana gusa. Bwari ubwa mbere abona urupfu, yamenye ko iyo yumvira Imana nta rupfu rw’umuntu cyangwa inyamaswa rwajyaga kubaho. Igihe yasogotaga icyaremwe kitagira icyaha, yahinze umushyitsi atekereje ko icyaha cye cyagombaga kumena amaraso y’Umwana w’Intama w’Imana utagira inenge. Ibyo byamweretse neza gukomera kw’icyaha cye, icyaha kitajyaga gukurwaho n’ikindi kintu icyo ari cyo cyose ureste urupfu rw’Umwana

w’Imana ikunda cyane. Yatangajwe n’ineza itarondoreka yajyaga kuba inshungu y’icyaha cye. Inyenyeri y’ibyiringiro yamuritse ahazaza hijimye maze itamurura uwo mwijima w’ubwihebe. {AA 37.1}

Ariko umugambi wo gucungura umuntu wari ufite na none intego rusange kandi yimbitse kurenza agakiza k’umuntu. Ntabwo icyo ari cyo cyonyine cyari cyazanye Kristo kuri iyi si; nta n’ubwo kwari ukugira ngo yereke abatuye isi uko bagomba kubaha amategeko; ahubwo kwari uguhamiriza isi imico mbonera y’Imana. Nk’ingaruka y’icyo gitambo gihebuje — cyagombaga kugira impinduka no ku byaremwe byo ku yandi masi, ndetse no ku muntu — Umukiza yitegereje ibyari bimuri imbere atarabambwa maze aravuga ati, “Ubu igihe cyo gucira ab’isi urubanza kirageze, ubu umutware w’iyi si abaye igicibwa. Nanjye ninshyirwa hejuru y’isi nzikururiraho abantu bose” Yohana 12:31, 32. {AA 37.2}

Igikorwa cya Kristo cyo gupfira umuntu ngo abone agakiza nticyari gutuma umuntu ashyikirana n’ijuru gusa, ahubwo cyari no kuba igihamya imbere y’ibyaremwe byose gitsindishiriza Imana n’Umwana wayo ku kwigomeka kwa Satani. Icyo gikorwa kandi cyajyaga guha agaciro gahoraho amategeko y’Imana kandi kigashyira ahagaragara kamere n’ingaruka z’icyaha. {AA 37.3}

Ku ikubitiro, intambara ikomeye yabaye iyo kurwanya amategeko y’Imana. Satani yari yashatse kwerekana ko Imana ibera, ko amategeko yayo adatunganye, kandi ko kugira ngo isi n’ijuru bibe byiza aya mategeko agombaga guhinduka. Ubwo yibasiraga amategeko, yari agamije guhirika ubutegetsi bw’Uwayashyizeho. Muri iyo ntambara, byari ngombwa kwerekana niba amategeko y’ijuru afite ubusembwa kandi akaba ashobora guhindurwa, cyangwa ko ari inziramakemwa kandi adahinduka. {AA 37.4}

Igihe Satani yacibwaga mu ijuru, yahise yiyemeza kugira isi ubwami bwe. Igihe yageragezaga Adamu na Eva akabanesha, yibwiye ko iyi si ayigaruriye, “kuko,” yavuze ati, ‘ni jye bahisemo ngo mbategeke.” Yahamije ko bitajyaga gushoboka ko umunyabyaha yababarirwa; kubw’ibyo akaba yari afite uburenganzira busesuye bwo gutegeka umuntu wacumuye, n’isi ikaba iye. Ariko Imana yatanze Umwana wayo ikunda — umwe na Yo — kugira ngo yikorere igihano cy’icyaha, maze bongere babe abantu bayo kandi basubizwe mu rugo rwabo rwa Edeni. Kristo yiyemeje gucungura umuntu no kuvuvunura isi mu nzara za Satani. Intambara ikomeye yatangiriye mu ijuru igomba no kurangirira muri iyi si, ari yo Satani yavugaga ko yabaye iye. {AA 37.5}

Byatangaje abari mu ijuru no mu isi kubona ko Yesu yicishije bugufi kugira ngo akize umuntu wari wacumuye. Wa wundi wagengaga ibintu byose, akabeshaho buri bwoko bwose bw’icyaremwe cyo mu isanzure ryose, Umwe wagiye arema buri nyenyeri na buri mubumbe w’andi masi, - kuba yaremeye guhara ikuzo rye, agafata kamere y’umuntu, ibyo byari ibanga rikomeye ku bantu batacumuye bo ku yandi masi

bagombaga gusobanukirwa. Ubwo Yesu Kristo yazaga ku isi afite ishusho y'umuntu, abantu bose bari bafite amatsiko yo kumukurikira, ubwo yagendaga intambwe ku ntambwe, mu nzira iruhije y'amaraso, kuva mu kiraro cy'inka ukagera i Karuvari. Abo mu ijuru babonye gutukwa no gukobwa Yesu yagiriwe, bamenya ko ibyo ari ibikangisho bya Satani. Bakomeje kwitegereza uko guhangana kurimo kugenda; Satani yakomezaga guteza umwijima, agahinda n'imibabaro mu bantu, ariko Kristo akabirwanya. Bitegereje urugamba rwari hagati y'umucyo n'umwijima uko rwarushagaho gukaza umurego. Maze ubwo Yesu yarangururaga ku musaraba avuga ati, "Birarangiye!" (Yohana 19:30), ijwi ryo kunesha ryumvikanye mu masi yose ndetse no mu ijuru ubwaho. Icyo gihe urugamba rwari rurangiye, kandi Yesu yari anesheje. Urupfu rwe rwashubije ikibazo cyabazaga niba Data n'Umwana bakunda umuntu cyane byatuma Yesu yakwiyanga kandi akagira umutima wo kwitanga. Satani yari yarashyize ku mugaragaro ingeso nyakuri ze nk' umunyabinyoma kandi w'umwicanyi. Byagaragaye ko umwuka yakoreshaga ategeka abana b'abantu bari munsi y'ubutware bwe, ari na wo yari gukoresha iyo aza kwemererwa gutegeka abatuye mu ijuru. Mu ijuru no mu isi yose bungikanyije amajwi hamwe basingiza ubuyobozi bw'Imana. {AA 38.1}

Niba amategeko yarashoboraga guhinduka, umuntu yari gukizwa hatabayeho igitambo cya Kristo; ariko kuba byarabaye ngombwa ko Krtisto atanga ubugingo bwe kubera umuntu wacumuye, ibyo bihamya neza ko itegeko ry'Imana ritazihanganira umunyabyaha urigomera. Bikaba byerekana ko ibihembo by'ibyaha ari urupfu. Igihe Kristo yapfaga, kurimbuka kwa Satani kwabaye impamo. Ariko niba amategeko yarakuweho ku musaraba, nk'uko benshi bavuga, noneho Umwana w'Imana yakundaga cyane yihanganiye agahinda n'urupfu gusa kugira ngo rwose ahe Satani ibyo yifuzaga; noneho rero, umutware w'ikibi yari kuba atsinze, kandi ibyo yaregaga Imana byari kuba bifite ishingiro. Kuba Kristo yarahanwe mu cyimbo cy'abanyabyaha, icyo ni igihamya gikomeye cyane gihamiriza ibyaremwe byose ko amategeko adahinduka; kandi ko Imana ikiranuka, igira imbabazi, kandi itikunda; kandi ko ubutabera n'imbabazi bitagira akagero bikorera hamwe mu buyobozi bwayo. {AA 38.2

IGICE CYA 5 - KAYINI NA ABELI BAGERAGEZWA

(Iki gice gishingiye mu Itangiriro 4:1-15)

Kayini n'Abeli, abahungu ba Adamu, bari bafite imico itandukanye cyane. Abeli yari afite umutima wo kuyoboka Imana; Yabonye uburyo Umuremyi agaragariza ubutabera n'imbabazi abantu bacumuye maze yakira ibyiringiro byo gucungurwa afite ishimwe ryinshi. Ariko Kayini yari afite ibitekerezo byo kwigomeka, maze yitotombera Imana kubera umuvumo wari warageze ku isi no ku kiremwamuntu ukomotse ku cyaha cya Adamu. Yemereye intekerezo ze kugendera mu murongo umwe n'uwateye Satani kwigomeka — kwishyira hejuru no kutizera ubutabera n'ubutegetsi by'Imana. {AA 39.1}

Abo bavandimwe barageragejwe kugira ngo berekane niba bazizera kandi bakumvira ijambo ry'Imana nk'uko Adamu na we yageragejwe mbere yabo. Bari bazi neza uburyo Imana yashyizeho kugira ngo umuntu akizwe, kandi basobanukiwe n'uburyo bwo gutanga amaturo Imana yari yarategetse. Bari bazi ko muri ayo maturo ariho bagombaga kugaragariza kwizera Umukiza, ari we ayo maturo yacureraga, na none kandi bakamenya ko kubabarirwa kwabo ari we gushingiyeho; kandi bari bazi ko igihe bishingikirije ku mugambi wo gucungurwa, bazaba bahamije ko bumviye ubushake bw'Imana. Iyo amaraso atameneka, nta kubabarirwa ibyaha kwari kubaho; niyo mpamvu bagombaga kwerekana ko bizera amaraso ya Kristo nk'incungu yasezeranyijwe, bakabigaragarisha gutanga igitambo cy'itungo ry'uburiza. Usibye ibyo, bari bazi ko bagomba kuzana umuganura w'ibyo bejeje bakawumurikira Uwiteka nk'ituro ry'ishimwe.

{AA 39.2}

Abo bavandimwe babiri bubatse ibicaniro bisa, hanyuma buri wese azana ituro. Abeli yazanye igitambo akuye mu mukumbi, akurikije amabwiriza yatanzwe n'Uwiteka. "Uwiteka yita kuri Abeli no ku ituro rye" Itangiriro 4:4. Umuriro uva mu ijuru utwika igitambo cye. Ariko Kayini, atitaye ku itegeko no ku mabwiriza Imana yari yabahaye, yazanye gusa ituro ry'amatunda. Ntacyo ijuru ryavuze cyerekana ko icyo gitambo cyemewe. Abeli yingingiye umuvandimwe we kujya imbere y'Imana ajyanye ibyategetswe, nyamara ukwinangira kwatumye arushaho gushaka gukomeza gukora ibyo yishakiye. Kuko ari we wari mukuru, yumvise ko atagomba gukosorwa na murumuna we, bituma ahinyura inama ze. {AA 39.3}

Kayini yaje imbere y'Imana yivovota kandi yuzuye ubuhemu mu mutima we ku bijyanye n'igitambo cyasezeranyijwe ndetse n'umumaro w'ituro nk'igitambo. Impano ye {AA 39.4}

ntiyerekanaga kwicuza ibyaha. Nk'uko benshi bajya bibwira, Kayini yibwiraga ko

yajyaga kuba yerekanye ubushobozi buke iyo aramuka akurikije neza umugambi w'Jmana, akiringira byimazeyo gukizwa n'igitambo cy'Umukiza wasezeranyijwe. Yahisemo kwerekana ko yihagije ubwe. Yajyaga kuza uko yishakiye. Ntiyajyaga kuzana umwana w'intama ngo avange amaraso yawo n'ituro rye, ahubwo yazanye amatunda ye, nk'umusaruro uvuye mu mirimo y'amaboko ye. Yazanye ituro rye nk'ushaka gutona ku Mana, kugira ngo bitume yemerwa. Kayini yumviye Imana yubaka igicaniro, azana igitambo; ariko arangwa no kumvira kudashyitse. Umugabane w'ingezi, ariwo wo kwerekana ko akeneye Umucunguzi, yarawirengagije. {AA 39.5}

Ku bijyane n'imivukire n'amabwiriza y'ibyo iyobokamana, abo bavandimwe bose ntaho bari bataniye. Bombi bari abanyabyaha, kandi bombi bemeraga ko Imana ishaka ko bayumvira kandi bakayiramya. Uko byagaragaraga, iyobokamana ryabo ryari rimwe ariko ku rugero runaka, ariko ibirenze ibyo, bari batandukanye by'ihabya. {AA 40.1}

"Kwizera ni ko kwatumye Abeli aha Imana igitambo kiruta icya Kayini kuba cyiza" Abaheburayo 11:4. Abeli yasobanukiwe n'amahame akomeye y'ugucungurwa. Yibonye ko ari umunyabyaha, kandi abona icyaha n'ingaruka yacyo, urupfu, bihagaze hagati y'ubugingo bwe n'umushyikirano we n'Imana. Yazanye umwana w'intama wo kwica, igifite ubugingo ho kuba igitambo, kugira ngo yerekane icyo amategeko yishwe asaba. Binyuze mu kuvusha amaraso, yatumbiriye igitambo cyajyaga kuzaza, aricyo Kristo wapfiriye ku musaraba w'i Kaluvari; kandi yiringira ibyo icyo gitambo cyajyaga gukora, yahamirijwe ko ari umukiranutsi kandi ko n'igitambo cye cyemewe. {AA 40.2}

Kayini yari afite amahirwe yo kwiga no kwemera uko kuri nk'uko Abeli yabigenje. Ntabwo yazize ubusa. Ntabwo umuvandimwe umwe yari yaratoranyirijwe kwemerwa n'Imana, ngo undi imwange. Abeli yahisemo kwizera no kumvira; Kayini ahitamo kutizera no kwigomeka. Aha niho ikibazo cyari gishingiye. {AA 40.3}

Kayini na Abeli bashushanya amatsinda abiri azabaho kugeza ku mperuka. Itsinda rimwe ryemera gukizwa n'igitambo cyatanzwe ku bw'icyaha; irindi ryiringira ibikorwa byabo; kuri bo igitambo cyabo ntigikeneye umuhuza mvajuru, kandi ibyo ntibishobora kunezeza Imana. Keretse binyuze muri Yesu gusa, nibwo ibicumuro byacu bibasha kubabarirwa. Abumva badakeneye amaraso ya Kristo, bakumva ko ku bw'imirimo yabo Imana ishobora kubemera, bakora ikosa nk'iryo Kayini yakoze. Niba batemeye ko amaraso yeza, baciriweho iteka. Nta bundi buryo bashyiriweho bwatuma babasha kubohorwa ingoyi y'icyaha. {AA 40.4}

Itsinda ry'abaramya bakurikije urugero rwa Kayini rigizwe n'umugabane munini w'abari ku isi; kuko idini ryose ry'ibinyoma ryenda gushingira kuri iri hame ry'uko umuntu ashobora gukizwa n'imirimo ye. Bamwe bahamya ko umuntu adakeneye gucungurwa, ko ahubwo akeneye kugira iterambere, kugira ngo ashobore kwitunganya, kujya mbere, ndetse akihindura mushya. Nk'uko Kayini yibwiye ko kuzana ituro ritarimo igitambo

kivushwa amaraso bibasha gutuma anezeza Imana, ni nako abo bumva ko kwikuza kw'ikiremwamuntu byabageza ku rugero Imana ishaka, kandi hatabayeho incungu. Igitekerezo cya Kayini cyerekana ibigomba kubaho ku iherezo. Cyerekana uko umuntu azaba igihe yitandukanyije na Kristo. Umuntu nta bushobozi afite bwo kwihindura. Ibyo byerekeza kwa Satani aho kwerekeza ku Mana. Kristo wenyine ni We byiringiro byacu. "Kuko nta rindi zina mu isi twahawe tubasha gukirizwamo. Nta wundi agakiza kabonekaho." Ibyakozwe n'Intumwa 4:12. {AA 40.5}

Kwizera nyakuri, kandi gushingiye kuri Kristo, kuzagaragazwa no kumvira Imana mu byo ishaka byose. Uhereye mu gihe cya Adamu ukageza ubu, intambara ikomeye yari iyo kumvira amategeko y'Imana. Mu bihe byose byabayeho, hagiye habaho abantu bavuga ko bagomba gufashwa n'Imana kandi birengagiza amwe mu mategeko yayo. Nyamara Ibyanditswe bihamya ko imirimo "itunganya kwizera," kandi iyo nta mirimo yerekana kumvira, "kwizera kuba gupfuye." Yakobo 2:22,17. Uvuga ko azi Imana "ntiyitondere amategeko yayo, ni umubeshyi, ukuri ntikuri muri we" 1 Yohana 2:4. {AA 40.6}

Igihe Kayini yabonaga ko ituro rye ritashimwe, yarakariye Imana na Abeli kuko itemeye ituro umuntu yari yasimbuje iryo Imana yari yategetse, kandi arakazwa n'uko mwene se yahisemo kumvira Imana aho gufatanya na we kuyigomera. Ititaye ku kwanga amategeko yayo, Imana ntiyazinutswe Kayini, ahubwo yicishije bugufi maze igerageza gusobanurira uwo muntu ibyo yari akwiriye gukora kuko yari yerekanye ibitekerezo bidahwitse. Imana yaramubajije iti, "Ni iki kikurakaje? kandi ni iki gitumye ugaragaza umubabaro? Marayika yoherejwe kumuburira muri aya magambo: "Nukora ibyiza ntuzemerwa? Ariko nudakora ibyiza, ibyaha byitugatugira ku rugi." Guhitamo kwari ukwe. Iyo yiringira ibyo yajyaga kubonera mu Mukiza wasezeranyijwe kandi akitondera iby'Imana ishaka, yari kwakirwa n'Imana kandi akanezezwa n'imigisha imuha. Ariko akomeje kutizera no kwica amategeko, ntiyaba agifite impamvu yo kwivovota kuko Imana yamuretse. {AA 41.1}

Ariko aho kwemera icyaha cye, Kayini akomeza kwivovota avuga ko Imana irobanura ku butoni kandi akomeza kugirira Abeli ishyari no kumwanga. Yacyashye murumuna we arakaye cyane, kandi agerageza kumushinja ko afite akagambane mu kibazo cye n'Imana. Abeli yicishije bugufi, nyamara kandi akomeje, yerekanye ko Imana itabera kandi ko igira neza. Yeretse Kayini ifuti rye, kandi agerageza kumwumvisha ko icyaha ariwe cyakomotseho. Yerekanye ko Imana igira impuhwe kuba itararimbuye ababyeyi babo kandi yakagombye kubahanisha urupfu rw'ako kanya. Yanamweretse ko Imana yabakunze, kandi ko iyo bitaba ibyo, ntiyari gutanga Umwana wayo, utararangwaga n'icyaha kandi w'Umuziranenge, kugira ngo aze gushyirwaho igihano cyari kibagenewe. Ibi byose byatumye Kayini arushaho kurakara. Ubwenge n'umutimanama byamubwiraga ko Abeli yari mu kuri; ariko yarakajwe n'uko uwamugiriye inama

batumvikanye, kandi ko atagiriwe impuhwe mu bwigomeke bwe. Nuko mu mujinya w'umuranduranzuzi, Kayini asogota mwene Se.

{AA 41.2}

Kayini yanze mwene se kugeza ubwo amwica, atabitewe n'uko hari ikibi Abeli yakoze; ahubwo bitewe n'uko "imirimo ye yari mibi, naho iya murumuna we ikaba yari itunganye." 1 Yohana 3:12. Ibihe byose abagome banga ababarusha imibereho myiza. Imibereho yumvira ya Abeli ndetse no kwizera kutajegajega byari igihamya gihoraho kuri Kayini. "Kuko umuntu wese ukora ibibi yanga umucyo, kandi ntaza mu mucyo, ngo ibyo akora bitamenyekana." Yohana 3:20. Uko umucyo w'ijuru urushaho kumurikira imico mbonera y'abagaragu b'Imana b'indahemuka, niko ibyaha by'abatubaha Imana birushaho kwigaragaza, kandi ni nako imbaraga zabo zikomeza kugambirira kugirira nabi abahungabanya amahoro yabo. {AA 41.3}

Urupfu rwa Abeli ni rwo rwabaye icyitegererezo cya mbere cy'urwango Imana yahamije ko ruzaba hagati y'inzoka n'urubyaro rw'umugore — hagati ya Satani n'abayoboke be na Kristo n'abamukurikira. Umuntu amaze gucumura, Satani yaramwigaruriye, nyamara Kristo, yajyaga kumubashisha gucagagura ingoyi ya Satani. Igihe cyose umuntu aretse gukorera Satani, kubwo kwizera Umwana w'Intama w'Imana, umujinya wa Satani uriyongera. Ubugingo butagira inenge bwa Abeli bwabeshyuje ibinyoma bya Satani wavugaga ko umuntu atakomeza amategeko y'Imana. Igihe Kayini yabonaga ko atagishoboye kwemeza murumuna we, byaramurakaje cyane bituma amuvutsa ubugingo bwe. Na none kandi aho ariho hose hari ugendera mu kuri kw'amategeko y'Imana, umutima nk'uwa Kayini ntuhabura. Bene uwo mutima ni wo wagiye wigaragaza ibihe byose ku bigishwa ba Kristo bapfuye bamanitswe ku biti abandi bagatwikwa. Nyamara ubugome Satani n'ingabo ze bagiriye umuyoboke wa Yesu, ntibushobora gutuma bamuhindura igikoresho cyabo. Ni uburakari bw'umwanzi watsinzwe. Urenganyijwe wese bamuziza Yesu aba apfuye anesheje. Umuhanuzi aravuga ati, "Baramutsinze [ya nzoka ya kera, yitwa umwanzi na Satani] babikesha amaraso y'Umwana w'Intama n'ijambo ry'ukuri bahamyaga, ku buryo bemeye guhara amagara yabo ntibatinya no gupfa." Ibyahishuwe 12:11, 9, Bibiliya Ijambo ry'Imana. {AA 41.4}

Bidatinze, Kayini w'umwicanyi, yahamagawe gusobanura impamvu z'icyaha cye. Uwiteka abaza Kayini ati: "Abeli murumuna wawe ari he?" Maze aramusubiza ati, "Ndabizi se? Ndi umurinzi wa murumuna wanjye?" Icyaha cyari cyagejeje Kayini kure cyane ku buryo atumvaga agishaka kubona Imana hafi ye, kubona ugukomera n'ubuhanga by'Imana. Noneho ahitamo kubeshya kugira ngo ahishe icyaha cye. {AA 42.1}

Na none Uwiteka abwira Kayini ati, "Icyo wakoze icyo ni iki? Ijwi ry'amaraso ya

murumuna wawe rirantakirira ku butaka.” Imana yari yarahaye Kayini igihe gihagije cyo kwihana icyaha cye. Yari yaragize igihe cyo gutekereza. Yari azi uko icyaha yakoze gikomeye n’ibinyoma yavuze kugira ngo agihishe; ariko yari acyinangiye, kandi n’igihano nticyari kigihinduwe. Ijwi ry’Imana rivuga aya magambo ateye ubwoba ngo, ” Kuva ubu ubaye ikivume kurusha ubutaka bwasamye bukamira amaraso ya murumuna wawe wishe. Nubuhinga ntibuzongera kukurumbukira, bityo uzahora uri inzererezi wangara ku isi Itang. 4:11, 12, BII.” {AA 42.2}

Umuremyi w’umunyambabazi yakomeje kurinda ubugingo bwa Kayini, atitaye ko icyaha cye cyari guhanishwa urupfu, amwongera igihe cyo kwihana. Ariko Kayini yakomeje kwinangira umutima, kugomera ubutegetsi bw’Imana, no kuba ku ruhembe rw’abantu babaye akahebwe. Uwo muhakanyi wari uyobowe na Satani, yahindutse umushukanyi ku bandi bantu, kandi kuba yarabaye urugero bakurikiza byatumye imbaraga y’ibyo umwuka ihenebera kugeza ubwo isi yangirika kandi ikuzuramo urugomo rutuma igomba kurimburwa. {AA 42.3}

Mu kurinda ubugingo bw’umwicanyi wa mbere, Imana yerekaniye imbere y’ijuru n’isi icyigisho cy’uko hariho intambara ikomeye. Amateka y’umwijima ya Kayini n’urubyaro rwe yabaye urugero rwerekana uko byajyaga kumera iyo umunyabyaha yemererwa kubaho mu cyaha by’iteka ryose, akomeza kugomera Imana. Kwihangana kw’Imana kwatumye ahubwo abagome barushaho kwinangira no kugoma bikabije. Nyuma y’ibinyejana cumi na bitanu Kayini ahanwe, isi n’ijuru byiboneye ingaruka y’imikorere n’urugero rwe mu bugome no kwangirika byabaye gikwira ku isi. Byagaragaye yuko igihano cy’urupfu cyageze kuri mwenemuntu wacumuye kubwo kugomera amategeko y’Imana cyari gikubiyemo ubutabera n’imbabazi. Uko abantu bagiye bakomeza kubaho mu cyaha, ni nako barushagaho kuba akahebwe. Urubanza ijuru ryaciriye icyaha, kandi rugatanga umudendezo ku isi kugira ngo itanduzwa n’abiyemeje kwigomeka, rwari umugisha aho kuba umuvumo. {AA 42.4}

Satani ahora akora uko ashoboye kose, kandi mu mbaraga nyinshi n’ubuhendanyi bwinshi, aharabika Imana n’ubuyobozi bwayo. Yifashishije imigambi yagutse, iteguye neza, kandi no mu mbaraga zidasanzwe, ashaka kwigarurira abatuye isi kugira ngo bakomeze kurindagirira mu buriganya bwe. {AA 43.1}

Imana Ihoraho kandi Nyirubuhanga bwose, ibonera iherezo mu itangiriro, kandi ku byerekeye icyaha, inzira zayo zigera kure cyane kandi zirasobanutse. Icyo yari igendereye ntabwo ari uguhosha ubwigomeke gusa, ahubwo yagira ngo yereke abatuye ijuru n’isi uburyo kamere y’icyaha iteye. Umugambi wayo wari ukubiyemo ibintu bibiri, byombi byerekanaga ubutabera n’imbabazi, kandi bigahamya neza ubuhanga bwayo no gukiranuka kwayo mu guhangana n’ikibi. {AA 43.2}

Abaturage b’ayandi masi ataracumuye bitegerezaga bafite amatsiko ibyariho bibera ku

isi. Ipica y'ukuntu isi yari imeze mbere y'Umwuzure yabagaragarizaga ingaruka z'ubutegetsi bwa Lusiferi yajyaga gushinga mu ijuru, igihe yahakanaga ubutware bwa Kristo kandi agashyira ku ruhande amategeko y'Imana. Biboneye abanyabyaha ruharwa ba mbere y'Umwuzure Satani yigaruriye. Abantu bakomezaga gutekereza ibibi gusa (Itangiriro 6:5). Ibyo bibwiraga byose, ibyo bakoraga byose, byanyuranyaga n'amahame atunganye y'ijuru, yuje amahoro, n'urukundo. Cyari icyitegererezo giteye ubwoba gituruka ku mategeko ya Satani agamije guhanagura burundu amategeko yera y'Imana mu biremwa byayo. {AA 43.3}

Ku bwo ingingo zagaragajwe mu ntambara ikomeye, Imana izagaragaza amahame agenga ubuyobozi bwayo bwaharabitswe na Satani ndetse n'abantu bose yashutse. Ubutabera bwayo buzamenyekana mu isi yose, nubwo ibyo ntacyo bizaba bikimariye abigomeke. Imana ifitiye isi yose impuhwe nk'uko, intambwe ku yindi, umugambi wayo ukomeye wo gukuraho burundu ubwigomeke ugenda usohozwa. Bizagaragara ko abaretse amabwiriza y'Imana bose bishyize mu ruhande rwa Satani, barwanya Kristo. Ubwo igikomangoma cy'iyi si kizacirwa urubanza, kandi abifatanyije na we bagasangira byose, nibwo ijuru n'isi bizahamya biti, "Mugaba w'amahanga, inzira zawe ni izo gukiranuka n'ukuri." Ibyahishuwe 15:3. {AA 43.4}

IGICE CYA 6 - SETI NA HENOKI

(Iki gice gishingiye mu Itangiriro 4:25-6:2)

Adamu yahawe undi mwana w'umuhungu kugira ngo abe umuragwa w'isezerano ry'Imana, agire uburenganzira ku murage w'iby'umwuka. Izina Seti, yise umuhungu we, ryasobanuraga "uwatoranyijwe,' cyangwa "inshumbushanyo'; "kuko," nkuko nyina yavuze, "Imana inshumbushije urundi rubyaro mu cyimbo cya Abeli, kuko Kayini yamwishe. "Seti yari afite igihagararo cyiza kurusha Kayini cyangwa Abeli, kandi yasaga na se cyane kurusha abandi bahungu be. Yari umunyamico myiza, akagenda agera ikirenge mu cya Abeli. Ariko kandi nta byiza by'umwihariko yarazwe kurusha Kayini. Ku byerekeranye no kuremwa kwa Adamu, byavuzwe ko "Yaremwe mu ishusho y'Imana;" nyamara umuntu, nyuma yo gucumura, yabyaye umwana usa na we. Nk'uko Adamu yari yaremwe atunganye, asa n'Imana, Seti, kimwe na Kayini, yarazwe kamere y'icyaha ababyeyi babo bakoze. Ariko na we asobanurirwa iby'Umucunguzi kandi yigishwa gukiranuka. Agendeye mu buntu bw'Imana, yarayikoreye kandi ayihesha icyubahiro, akora nk'uko Abeli yajyaga gukora iyo aza kubaho, agarurira ibitekerezo

by’abanyabyaha ku kubaha no kumvira Umuremyi wabo. {AA 44.1}

“Na Seti abyara umuhungu, amwita Enoshi, icyo gihe abantu batangira kwambaza izina ry’Uwiteka.” Mbere hose, abakiranutsi baramyaga Imana; ariko abantu bamaze kugwira, itandukaniro hagati y’abubaha Imana n’abatayubaha ritangira kugaragara cyane. Bamwe bayoboka Imana ku mugaragaro, abandi barayisuzugura ntibayumvira. {AA 44.2}

Mbere yo gucumura, ababyeyi bacu ba mbere bakomezaga Isabato yari yaratangiriye muri Edeni; kandi n’aho bamariye kwirukanwa muri Paradizo barayikomeje. Bariye ku mbuto zirura zo kutumvira, kandi bamenye ibyo umuntu wese usiribanga mategeko y’Imana aziga vuba cyangwa atinze, ko amateka y’Imana ari ayera kandi ko adahinduka, kandi ko igihano cy’ibyaha kitazabura kumugeraho. Isabato yajiririjwe n’urubyaro rwose rw’Adamu rutimuye Imana. Ariko Kayini n’urubyaro rwe ntibajiririje umunsi Imana yaruhutseho. Bihitiyemo igihe cyabo cyo gukora no kuruhuka, batitaye kubyo Uwiteka yategetse. {AA 44.3}

Akimara kugerwaho n’umuvumo w’Imana, Kayini yikuye mu rugo rwa se. Yihitiyemo umurimo wo guhinga, hanyuma yubaka umudugudu awitirira umuhungu we w’imfura. Kayini yari yaravuye mu maso y’Uwiteka, ari umunyamahanga ku masezeramo yo kuragwa Edeni nshya, ajya gushaka ubutunzi no kwinezeza mu isi yavumwe kubera icyaha, maze aba nyambere mu baramya imana z’iyi si. Abamukomokaho, bihitiyemo gukurikirana cyane ibintu by’isi gusa no kurundanya ubutunzi. Kandi ntibita ku Mana, ahubwo barwanya imigambi ifitiye abantu. Ku cyaha cyo kwica cyatangijwe na Kayini, Lameki wavutse mu rubyaro rwa gatanu, yongeraho kugira abagore benshi, kandi arangwa n’agasuzuguro no kwishyira hejuru, hanyuma yemera Imana, ariko agira ngo atagerwaho n’ingaruka z’ibyabaye kuri Kayini, yishakira umutekano we bwite. Abeli yari yararanzwe n’imibereho y’umushumba, aba mu mahema, kandi n’abakomoka kuri Seti bakurikira uwo mwuga, bifata “nk’abashyitsi n’abimukira mu isi, “bashaka gakondo, irusha icyo gihugu kuba cyiza, ni yo yo mu ijuru.” Abaheburayo 11:13, 16. {AA 44.4}

Hashize igihe ayo matsinda abiri ariho atandukanye. Abakomotse kuri Kayini, bakomeza kugenda bimuka aho bari batuye ubwa mbere, bakwira mu bibaya no mu bikombe byahoze bituwemo n’abana ba Seti; naho abandi mu kwanga ko babanduza imico yabo mibi, bimukira mu misozi miremire, baba ariho batura. Igihe cyose uko kwitandukanya kwakomezaga kubaho, abakomoka kuri Seti bakomeje kuramya Imana uko bikwiriye. Ariko uko ibihe byagiye bihita, mu buryo batazi, bagiye bivanga ni ruto ni ruto, n’abatuye mu bibaya. Uko kwifatanya byagize ingaruka mbi cyane. “Abana b’Imana babona abakobwa b’abantu ari beza.” Abana ba Seti babengutswe abakobwa bo mu rubyaro rwa Kayini maze bababaza Imana ubwo babashakagamo abagore. Benshi mu bubahaga Imana bashutswe n’ibihendo byahoraga imbere yabo maze

bagwa mu cyaha, batakaza imico ikwiriye, imico y’ubutungane. Kubwo kwivanga n’abivuruguse mu byaha, bahinduka nka bo mu mibereho no mu bikorwa; birengagiza itegeko rya karindwi bararyica, “maze batangira gushyingiranwa hagati muri bo.” “Abana ba Seti” bagendeye mu nzira ya Kayini.” (Yuda 11); berekeje ibitekerezo byabo ku butunzi no ku munezero by’isi maze ntibita ku mategeko y’Uwiteka. “N’ubwo bazi Imana, ntibayihaye ikuzo kandi ntibayishimiye nk’uko biyikwiye. Ahubwo ibitekerezo byabo byabaye imburamumaro, kandi ukujijwa kw’imitima yabo kwatumye bahera mu mwijima.” Abaroma 1:21. Nicyo cyatumye Imana na Yo ibareka ngo bagire ibitekerezo bigoramye, bakore n’ibidakwiriye.” Umurongo wa 28. Icyaha gikwira isi nk’ibibembe byica. {AA 45.1}

Adamu yamaze hafi imyaka igihumbi abana n’abantu, bimubera igihamya cy’ingaruka z’icyaha. Mu budahemuka, yagerageje kurwana n’ikibi. Yari yarategetswe kwigisha abamukomokaho inzira y’Uwiteka, maze ibyo Imana yari yaramubwiye abibika mu mutima akajya ahora abisubiriramo abamukomotseho. Guhera ku rubyaro rwe kugeza ku gisekuru cya cyenda, yabasobanuriraga imibereho izira inenge kandi y’umunezero umuntu yari afite muri Paradizo, kandi akabasubiriramo n’uburyo yacumuye, ababwira iby’umubabaro Imana yabigishirijemo impamvu ari ngombwa gukomeza amategeko yayo nk’uko ibishaka, kandi abasobanurira imbabazi zayo zatumye yarabateganyirije umugambi w’agakiza. Nyamara hari bake bashoboye kumvira amagambo ye. Kenshi na kenshi baramurakariraga bamuhora icyaha cyazanye uwo mubabaro ku bamukomokaho. {AA 45.2}

Imibereho ya Adamu yaranzwe n’ishavu, gucishwa bugufi no kwicuza. Avuye muri Edeni, kumva ko agomba gupfa byamuteye ubwoba cyane. Ku ikubitiro, yamenye ukuri k’urupfu mu muryango we, ubwo Kayini, imfura ye, yicaga murumuna we. Maze ubwo yicuzaga icyatumye acumura, agahinda yari afite kikubye inshuro ebyiri kubera urupfu rwa Abeli no kuvumwa kwa Kayini, Adamu yarashenjaguritse cyane. Yabonye uko kwangirika kw’abantu kwajyaga gutuma isi irimbuzwa Umwuzure; kandi nubwo igihano cy’urupfu cyari cyabanje gutera Adamu ubwoba, nyuma y’imyaka hafi igihumbi yitegereza ingaruka z’icyaha, yasanze ko Imana igira imbabazi kuba yarashyize iherezo ku bugingo bw’umubabaro n’agahinda. {AA 45.3}

Tutitaye ku bibi byakorwaga n’abantu bo mu gihe cya mbere y’Umwuzure, nk’uko akenshi abantu bagiye babyibwira, ntabwo icyo gihe cyabaye igihe cy’ubujiji n’imibereho ya kinyamaswa. Abantu bahawe amahirwe yo kugera ku rugero ruhanitse mu by’umwuka no mu by’ubwenge. Bari bafite imbaraga z’umubiri n’ibitekerezo bihamye, kandi ayo mahirwe yo kwiga iby’iyobokamana n’ubumenyi mu bya siyansi nta bandi bari bayafite. Byaba ari ukwibeshya kwibwira ko ubwenge bw’abantu b’icyo gihe bwiyongeraga bitinze bitewe n’igihe gikomeye babayeho; ahubwo ubwenge bwabo bwiyongeraga hakiri kare, kandi abubahaga Imana kandi bakagira imibereho ijyanye

n’ubushake bwayo, bakomezaga kunguka ubumenyi n’ubwenge mu mibereho yabo yose.

{AA 46.1}

Abanyabwenge bo muri iki gihe cyacu dufataho ibyitegererezo, uramutse ubagereranyije n’abo mu gihe cya mbere y’Umwuzure, wasanga ubwenge bw’ab’iki gihe n’imbaraga zabo biri hasi cyane. Uko imyaka yo kurama k’umuntu yagabanutse, ni nako imbaraga ze z’umubiri n’ubwenge bwe bigabanuka. Hari abantu bagerageza kwiga guhera mu myaka makumyabiri kugeza kuri mirongo itanu y’ubukuru, maze ugasanga isi yose iratangarira ibyo bagezeho. Ariko mbega ukuntu ubwenge bwabo butashobora gushyikira ubwo abantu bari bafite imbaraga n’ibitekerezo byakuraga mu myaka amagana! {AA 46.2}

Ni iby’ukuri ko abantu bo muri iki gihe bafite umugisha wo kugera ku byo abababanjirije bagezeho. Abantu bafite ubuhanga buhanitse, bagize imigambi n’ibyo Nyamara turebye ibyerekeye ubwenge bw’umuntu, mbega uburyo abantu b’icyo gihe bari bafite amahirwe atangaje! Bamaze igihe kirekire babana n’umuntu wari wararemwe ku ishusho y’Imana, uwo Umuremyi yarangije kurema akavuga ko ari “byiza” - umuntu Imana yari yarigishije ubuhanga bwose bujyanye n’ibiri ku isi. Adamu yari yarigiye ku Muremyi amateka y’irema; ubwe yabonye byinshi mu myaka magana cyenda; kandi ubwo bumenyi yabuhererekanyije mu bamukomotseho. Abantu babayeho mbere y’Umwuzure nta bitabo bari bafite, nta n’ubwo bari bafite aho bandika, nyamara intekerezo n’imbaraga z’umubiri byabo byari bifite ubushobozi buhambaye bwo kwibuka ibyo babwiwe n’ibyo babonye, kandi bakabihererekanya ku babakomokaho mu buhanga butagira akagero. Bamaze igihe kirekire cyane, ibisekuruza birindwi ku isi, bafite amahirwe yo kungurana inama no guhererekanya ubumenyi kandi bose bikabagirira umumaro. {AA 46.3}

Amahirwe abo muri icyo gihe bari bafite yo kumenyera Imana mu byo yaremye, ni ntagereranywa kugeza n’ubu. Kandi kuva igihe habereyeho umwijima mu by’iyobokamana, kuri bo, cyari igihe cy’umucyo utangaje. Isi yose yagize amahirwe yo kwigira kuri Adamu, kandi abubahaga Uwiteka bo bagerekagaho no kwigishwa na Kristo hamwe n’abamarayika. Na none bari bafite umuhamya w’ukuri wa bucece, ari wo bwa Busitani bw’Imana, bwagumye muri bo igihe kirekire. Ku marembo ya Paradizo yari arinzwe n’abakerubi, hagaragaraga ikuzo ry’Imana, kandi aho niho abaramya Imana ba mbere baje kuyihimbariza. Aha kandi niho bashyize ibicaniro byabo, kandi bahaturira amaturo. Ni naho Kayini na Abeli bari bazanye ibitambo byabo, maze Imana ikamanukira kuvugana na bo. {AA 46.4}

Abahakanyi ntibashobora kwihandagaza ngo bavuge ko Edeni itabayeho kandi yari yitegeye aho abantu bayibona, amarembo yayo arinzwe n’abamarayika kugira ngo

hatagira uwinjiramo. Gahunda y’irema, ibyari mu muri Edeni, amateka y’ibiti bibiri byarimo, uburyo byari bifitanye isano ya bugufi n’umugambi w’Imana yari ifitiye umuntu, ibyo byose nta washoboraga kubishidikanyaho. Icyubahiro giheranije cy’Imana, amategeko yayo, ibyo byose byari ukuri umuntu atari gushidikanyaho igihe cyose Adamu yari ikiri kumwe na bo. {AA 47.1}

Nyamara n’ubwo ibicumuro byari bikabije, hariho abantu b’intungane, bari basabagijwe n’umushyikirano bagiranaga n’Imana, bakagira imibereho igendana n’ijuru. Bari abantu bafite ubwenge bw’ikirenga kandi bageze kuri byinshi. Bari bafite inshingano ikomeye yo kuba abakiranutsi no kwigisha abantu bo muri icyo gihe ndetse n’abo mu gihe kizaza kugendera mu nzira y’Imana. Gusa hari bake bavugwa mu Byanditswe byera; n’ubwo nta gihe Imana itagize abahamya babizerwa, n’abanyakuri kandi bayisenga by’ukuri. {AA 47.2}

Henoki byanditswe ko yabayeho imyaka mirongo itandatu n’itanu maze abona kubyara umuhungu. Nuko agendana n’Imana imyaka magana atatu. Muri icyo gihe, Henoki yakundaga Imana kandi agakomeza amategeko yayo. Yari umwe mu ntungane zishikamye mu kwizera, kandi bakaba urubyaro rw’isezerano. Mu magambo yaturukaga mu kanwa ka Adamu yahigiye igitekerezo kibi cyaranze amateka yo gucumura k’umuntu, n’uburyo ubuntu bw’Imana bwagaragariye mu isezerano ryayo; maze yishingikiriza ku Mucunguzi wagombaga kuzaza. Ariko umuhungu we w’imfura amaze kuvuka, Henoki yageze ku rwego rusumbyeho; yateye intambwe yo gushyikirana n’Imana biruseho. Yasobanukiwe neza ibyo asabwa n’inshingano ye nk’umwana w’Imana. Ubwo yitegerezaga urukundo umwana akunda se, uburyo yiringira ko ntacyo yaba bari kumwe; ubwo yumvaga mu mutima we asabwe n’impuhwe kubw’uwo muhungu we w’imfura, byamwigishije icyigisho gikomeye cyane ku byerekeye urukundo ruhebuje Imana ikunda abantu ubwo yatangaga Umwana wayo, n’icyizere abana b’Imana bagomba kugirira Data wo mu ijuru. Nuko urwo rukundo rutarondoreka, rutari baringa, rwagaragariye muri Kristo, rumubera impamvu y’amasengesho ye ya kumanywa na nijoro; kandi agambirira mu mutima we guhishurira urwo rukundo abaturanyi be. {AA 47.3}

Henoki ntiyagendanaga n’Imana mu nzozi cyangwa mu bitekerezo gusa, ahubwo bagendanaga mu nshingano ze zose no mu mihati ye yose ya buri munsi. Ntiyigeze aba nyamwigendaho, ngo yitandukanye burundu n’abaturanyi be; kuko yari afite umurimo yagombaga gukorera Imana mu bari mu isi. Mu muryango no mu mibanire ye n’ abantu, kandi nk’umufasha n’umubyeyi, inshuti, n’umwenegihugu, Henoki yari umugaragu w’Uwiteka udatezuka. {AA 47.4}

Umutima we wahamanyaga n’ubushake bw’Imana; kuko “abantu babiri ntibajyana batasezeranye. ” Amosi 3:3. Kandi yakomeje kugendana n’Imana akiranutse kugeza ku

myaka magana atatu. Hari Abakristo bake bakwiyemeza gukora batyo baramutse bamenye ko bashigaje igihe gito cyo kubaho, cyangwa ko Yesu ari hafi kugaruka. Nyamara uko ibihe byahitaga ni ko Henoki yarushagaho kwizera no kugira urukundo. {AA 47.5}

Henoki yari umuntu ufite ibitekerezo bihamye n'ubumenyi bw'ikirenga; kuko yagiraga umugisha wo guhishurirwa n'Imana ibintu bidasanzwe; na none kandi kuba yaragiranaga umushyikirano uhoraho n'ijuru, agamije gusobanukirwa ugukomera n'ubuziranenge by'Imana, yari umwe mu bantu bicishaga bugufi cyane. Uko yarushagaho komatana n'Imana, niko yarushagaho kubona intege nke ze no kumva ari mubi bikabije. {AA 48.1}

Ahangayikishijwe n'uko ubugome bw'abatubaha Imana bukomeje kwiyongera, kandi atinyishijwe n'uko ubuhemu bwabo buzatuma atezuka ku kubaha Imana, Henoki yaretse kwiyegereza abo bantu, maze ahitamo kumara igihe kinini ari wenyine, yiyemeza kwirundurira mu gusabana n'Imana no gusenga. Nuko ategerereza imbere y'Imana, ashaka gusobanukirwa ubushake bwayo, ngo abugenderemo. Kuri we, isengesho ryari nk'umwuka w'ubugingo; yasaga nk'uwibera mu ijuru. {AA 48.2}

Imana yatumye abamarayika bayo bera kumenyesha Henoki umugambi wayo wo kurimbuza isi Umwuzure, kandi imuhishurira mu buryo bwimbitse umugambi wo gucungurwa. Binyuze mu mwuka w'ubuhanuzi, yeretswe uruhererekane rw'abajyaga kubaho nyuma y'Umwuzure, ndetse yerekwa n'ibintu bikomeye bifitanye isano no kugaruka kwa Kristo ndetse n'imperuka y'isi. {AA 48.3}

Henoki yari yarahagaritswe umutima no gutekereza iby'abapfuye. We yibwiraga ko abakiranutsi n'inkozi z'ibibi bazasubira mu mukungugu bose hamwe, maze ibyabo bikaba birangiye. Ntiyabonaga imibereho y'abakiranutsi nyuma yo gupfa kwabo. Mu iyerekwa rye, Imana yamwigishije iby'urupfu rwa Kristo n'uburyo azagaruka afite ikuzo, ashagawe n'abamarayika bera bose, aje gucungura abantu be ngo bave mu bituro. Yabonye kandi n'uburyo isi izaba yuzuwemo n'ibyaha byinshi ubwo Yesu azagaruka. Abona ko icyo gihe hazaba hariho abantu birata, bikakaza, ishyanga ryuzuye inarijye, rihakana Imana na Yesu Kristo nk'Umwami, abantu bica amategeko kandi bagahinyura igitambo cya Kristo. Yabonye abakiranutsi bambitswe ikuzo n'icyubahiro, kandi yerekwa inkozi z'ibibi zirukanwa mu maso y'Imana, maze zirimbuzwa umuriro. {AA 48.4}

Henoki yahindutse umubwiriza ukiranuka, umenyesha abantu ibyo Imana yamuhishuriye. Abubahaga Uwiteka basangaga uwo muntu w'intungane kugira ngo bafatanye mu mabwiriza Imana yamuhaye banasenga. Yakoze umurimo ku mugaragaro akabwira abashakaga kumwumva bose ubutumwa bw'Imana bw'imiburo. Umurimo we ntiwari ugarukiye gusa kuri bene Seti. Mu gihugu Kayini yari

yarahungiyemo Imana, niho uwo muhanuzi yasobanuriye abantu ibitangaza yeretswe. Yaravuze ati “Dore, Uwiteka yazanye n’ibihumbi by’abera be, aje gucira abantu bose urubanza no gushinja abatubaha Imana bose ibyo bakoze byose byo kuyisuzugura n’ibitutsi abanyabyaha bayitutse!” Yuda 14, 15. {AA 48.5}

Henoki ntiyatinyaga kwerekana icyaha. Ubwo yigishaga abantu bo mu gihe cye urukundo rw’Imana muri Kristo, yihanangirije abantu kuzibukira imigenzereze yabo mibi, abahanira ubugome bwariho kandi anababurira avuga ko nta kabuza abica amategeko bazacirwaho iteka. Mwuka w’Imana ni We wavugiraga muri Henoki; ntabwo uwo Mwuka Yigaragaje mu kuvuga ibyo urukundo gusa, impuhwe n’ubudahemuka; intungane ntizivuga ibintu byiza gusa. Ahubwo Imana ishyira mu mutima no mu kanwa k’intumwa zayo ukuri kugomba kuvugwa kandi gutyaye nk’inkota y’amugi abiri. {AA 48.6}

Imbaraga z’Imana zakoreraga mu bagaragu bayo zumvikanye no mu bantu bumvaga. Bamwe baramwumviye, kandi bihana ibyaha byabo; ariko abenshi baramukwena komeza inzira zabo mbi batishisha. Abagaragu b’Imana bagomba gushyira ubutumwa nk’ubwo abantu bo mu isi yo mu gihe giheruka, kandi ubwo butumwa buzahinyurwa, bwe kwizerwa. Abantu ba mbere y’Umwuzure, birengagije amagambo y’ imiburo y’uwagendanaga n’Imana. Ni nako urubyaro ruheruka rutazita ku miburo y’intumwa z’Imana. {AA 49.1}

Henoki, nubwo yakundaga gukora imirimo y’amaboko cyane, yakomeje umushyikirano we n’Imana ntiyawutezukaho. Uko imirimo yarushagaho kumukomerera, niko yarushagaho gusenga ashikamye. Yakomeje kwitarura abantu bose mu gihe runaka. Kuba yaramaranye igihe n’abantu, akora imirimo kugira ngo abone uko abaha amabwiriza kandi ababere n’urugero, yajyaga kwitarura, akamara igihe ari wenyine, atarya kandi atanywa, kugira ngo Imana imwungure ubwenge mvajuru. Kubwo gushyikirana n’Imana, Henoki yagiye arushaho kwerekana ishusho y’Imana. Mu maso he harabagiranishwaga n’ umucyo utangaje, nka wa mucyo warabagiranaga mu maso ha Yesu. Uko yabaga avuye gusabana n’ijuru, niko abatubaha Imana babonaga ijuru ribahatira kureka ibibi byabo binyuze muri we. {AA 49.2}

Ubugome bw’abantu bwageze ku rugero rutakwihanganirwa, bituma bacirwa urubanza rwo kurimbuka. Uko imyaka yagendaga ihita, abantu barushagaho gusayisha mu byaha, kandi ni nako iteka Imana yagombaga kubaciraho ryegerezaga. Nyamara kandi ni nako Henoki, umuhamya wo kwizera, yashikamaga mu nzira ye, aburira, yinginga, acyaha, akora uko ashoboye kose ngo azimye inkongi y’ibyaha kandi yirinda kwihorera. Nubwo imiburo ye yirengagijwe n’abanyabyaha, abantu batwawe no kwinezeza, we yahamyaga ko Imana yabyemeye, agakomeza kurwanya ikibi akiranuka, kugeza ubwo Imana yamukuye mu isi y’icyaha ikamujyana mu munezero nyakuri w’ijuru. {AA 49.3}

Abantu b’icyo gihe baramusuzuguraga kuko atashakishaga ubutunzi bw’isi. Ahubwo yari yararunduriye umutima we ku butunzi budashira. Yari arangamiye umurwa wo mu ijuru. Yari yarabonye Umwami mu ikuzo Rye hagati muri Siyoni. Umutima we, ibitekerezo bye, n’ibiganiro bye byiberaga mu ijuru. Uko gukiranirwa kwiyongeraga, ni ko yarushagaho gushaka kubana n’Imana. Ubwo yari akiri mu isi, binyuze mu kwizera, yiberaga mu bwami bw’umucyo. {AA 49.4}

“Hahirwa abafite imitima iboneye; kuko bazareba Imana” Matayo 5:8. Imyaka magana atatu niyo Henoki yashakishije gutungana k’umutima, kugira ngo ashobore kugendana n’ijuru. Mu myaka magana atatu Henoki yagendanye n’Imana. Umunsi ku wundi yifuzaga kuba hafi y’Imana; umubano we n’Imana warushagaho gukomera, buhoro buhoro uwo mushyikirano urakura, kugeza ubwo Imana imwijyanira. Ahagaze ku rugabano rw’umudugudu uhoraho, ashigaje gusa intambwe ngo yinjire mu rurembo; noneho inzugi zirikingura, urugendo yagendanye n’Imana igihe kirekire ku isi rurakomeza, maze anyura mu marembo y’Umurwa Wera — ni we muntu wa mbere winjiyeyo. {AA 49.5}

Ibura rye ryaramenyekanye mu isi. Ijwi ry’imiburo n’amabwiriza ryahoraga ryumvikana uko bukeye n’uko bwije ryarabuze. Ari abakiranutsi, ari n’abakiranirwa babonye igenda rye; bizeye ko yajyanywe ahandi hantu ho kuruhukira imirimo ye, abamukundaga baramushatse cyane nk’uko abana b’abahanuzi bashakishije Eliya; nyamara ntibamubonye. Nuko bavuga yuko “atabonetse,” kuko Imana yari yamujyanye. {AA 50.1}

Imana yimuriye Henoki mu ijuru igamije gutanga icyigisho gikomeye. Byari akaga kuko abantu bari bihebeshejwe n’ingaruka mbi zitewe n’icyaha cy’Adamu. Benshi baravugaga bati “Bimaze iki kubaha Imana, tugakomeza amategeko yayo kandi twese turiho umuvumo dutegereje gupfa?” Nyamara amabwiriza yatanzwe n’Imana, kandi agasubirwamo na Seti, Henoki akaba urugero mu kuyashyira mu bikorwa, yatamuruye umwijima, aha umuntu ibyiringiro, by’uko ubwo Adamu yazanye urupfu, Umucunguzi wasezeranywe yazanye ubugingo no kudapfa. Satani yahatiraga abantu kwizera ko abakiranutsi batazagororerwa kandi n’abakiranirwa batazahanwa, kandi ko bitashoboka ko abantu bakomeza amategeko y’Imana. Ariko binyuze muri Henoki, Imana yahamije ko « Ibaho, kandi ko Igororera abayishaka.” Abaheburayo 11:6. Yerekanye ibyo izakorera abakomeza amategeko yayo. Abantu bari barigishijwe ko bishoboka gukomeza amategeko y’Imana, kandi ko nubwo abantu bashobora kuba hagati y’abanyabyaha n’inkozi z’ibibi, kubwo ubuntu bw’Imana, bashobora gutsinda ibigeragezo, maze bakabonera kandi bakaba intungane. Babonye icyitegererezo mu buzima bwuzuye imigisha bwa Henoki; kandi ukwimurwa kwe akajyanwa mu ijuru byabaye igihamya cy’ukuri ku buhanuzi bwe, ko hanyuma ibyishimo, ikuzo n’ubugingo buhoraho bibikiwe abumvira; kandi ko gucirwaho iteka, ibyago n’urupfu byabikiwe abakiranirwa. {AA 50.2}

Kubwo kwizera, Henoki “yarimuwe ngo adapfa... kuko yahamijwe atarimurwa ko yanejeje Imana. ” Abaheburayo 11:5. Kuba yari atuye hagati y’abagome bagomba kurimbuka, Henoki yabayeho imibereho yomatanye n’Imana, ku buryo atari kwemererwa gutwarwa n’imbaraga y’urupfu. Imico yo kubaha Imana k’uwo muhanuzi yerekana urugero rwo kwera rukwiriye kugerwaho n’“abazaba bacunguwe bakuwe mu isi” (Ibyahishuwe 14.3) ubwo Kristo azaba agarutse. Nuko nk’uko byari bimeze mbere y’ Umwuzure, ubugome buzagwira. Bakurikije ibyo imitima yabo irarikiye, n’inyigisho ziyobya, abantu bazagomera ubutegetsi bw’Ijuru. Ariko nka Henoki, ubwoko bw’Imana buzashakashaka ubutungane bw’umutima no gukomeza ubushake bwayo, kugeza ubwo bazerekana ko basa na Kristo. Kandi nka Henoki, bazaburira ab’isi ibyo kugaruka ku Umwami n’urubanza benda kuzacirwa, kandi kubwo icyitegererezo n’ibiganiro byabo birangwa n’ubutungane, bazaciraho iteka ibyaha by’abatubaha Imana. Nk’uko Henoki yimuriwe mu ijuru mbere y’uko isi irimbuzwa amazi, ni ko abakiranutsi bazimurwa mu isi itararimburwa n’umuriro. Intumwa Pawulo agira ati, “Ntituzasinzira twese, ahubwo tuzahindurwa, ndetse mu kanya gato nk’ako guhumbya, ubwo impanda y’imperuka izavuga.” “Ahubwo tuzumva itegeko, twumve n’ijwi rya Marayika ukomeye, twumve n’impanda y’Imana; ubwo Nyagasani azaherako amanuke avuye mu ijuru, maze abapfuye bizera Kristo babanze bazuke. Nyuma natwe abazaba bakiriho duhite tuzamuranwa na bo mu bicu, dusanganire Umwami mu kirere maze tuzabane na We iteka ryose. Nuko rero mubwirane ayo magambo, kugira ngo abahumurize.” 1 Abakorinto 15:51, 52; 1Abatesalonike 4:16-18. {AA 50.3}

IGICE CYA 7 - UMWUZURE

(Iki gice gishingiye mu Itangiriro 6, 7)

Mu minsi ya Nowa isi yagize umuvumo ukubye inshuro ebyiri; uwo muvumo ukaba waraturutse ku gucumura kwa Adamu no ku cyaha cyo kwica cyakozwe na Kayini. Ariko kandi ibyo ntibyahinduye isi cyane. Nubwo hari ibyagaragazaga kubora, isi yari igifite uburumbuke kandi ikirangwa n'ubwiza Imana yayitatse nk'impano y'ubuntu bwayo. Imisozi yari ikiriho ibiti byiza by'inganzamarumbo bihunzeho imbuto nziza. Ibibaya bigari bimeze nk'ubusitani byari bifite ubwatsi bwiza, kandi hatamaga impumuro y'uburabyo bw'amoko yose. Amatunda yeraga ku isi yari anyuranye kandi ntiyagiraga ingano. Nta giti kiriho ubu kinganya cyangwa kiri hafi yo kunganya n'ibyo icyo gihe umubyimba, ubwiza cyangwa kugororoka; imbaho zabyo zari nziza kuko zakomokaga mu ngemwe zatoranyijwe, kandi zikomeye cyane nk'ibuye, zinaramba. Izahabu, n'ifeza, n'andi mabuye y'agaciro byari byinshi cyane. {AA 52.1}

N'abantu kandi bari bagifite imbaraga n'ibigango nk'iby'abakurambere babo. Nyamara amasekuruza make yarahise uhereye igihe Adamu yaririye ku giti cyajyaga gutuma barama; kandi kubaho k'umuntu kwari kugipimirwa mu binyejana. Iyo abo bantu bari bafite ubuzima burama igihe kirekire, mu mbaraga zabo zo kugira imigambi no kuyishyira mu bikorwa, birundurira mu murimo w'Imana, baba baratumye izina ry'Umuremyi wabo risingizwa ku isi, maze bakuzuza umugambi w'uwabahaye ubugingo. Nyamara bananiwe kubikora. Hariho ibihangange byinshi, abantu b'igihagararo n'ibigango, ibirangirire mu bwenge, inararibonye mu gukora imirimo yuzuye ubuhanga kandi y'agatangaza; nyamara ikidodo cyo kuba barirunduriye mu gukiranirwa cyagabanyije ubumenyi n'ubwenge bwabo. {AA 52.2}

Imana yari yarahaye abantu babayeho mbere y'Umwuzure impano nyinshi kandi z'igiciro; ariko bazikoresheje bishyira hejuru ubwabo, maze zibahindukira umuvumo kuko ari zo barangamiye aho guhanga amaso Uwazitanze. Bagiraga umwete wo kubaka amazu meza bakoresheje zahabu, ifeza n'andi mabuye y'igiciro, bakihatira kurushanwa kurimbisha aho batuye bifashishije ubuhanga bwabo mu bukorikori. Bashakaga gusa kunezeza irari ry'ubwibone bw'imitima yabo, maze bahugira mu binezeza no mu gukora ibibi. Kuko bari batacyifuza kugira Imana mu bitekerezo byabo, ntibyatinda, batangira guhakana ko ibaho. Basengaga ibyaremwe mu mwanya w'Imana yabiremye. Barataga ubwenge bwa kimuntu, bakaramya imirimo y'intoke zabo, maze bakigisha n'abana babo gupfukamira ibigirwamana. {AA 52.3}

Bashinze ibicaniro by'ibigirwamana byabo mu mirima no munsi y'ibiti by'intohera byari mu busitani. Ibiti by'amoko yose byari bibabereye igicucu iminsi yose, babyeguriye kuramya imana z'impimbano. Muri ibyo biti harimo ubusitani bwiza , burimo utuyira

tureture kandi duhuhamo akayaga, ibiti byari bifite imbuto z’ubwoko bwose, kandi bitatseho ibishushanyo n’ibindi byose bishobora gukururira intekerezo cyangwa kureshya abantu , maze rikabayobora ku kuramya ibigirwamana. {AA 52.4}

Abantu bimuye Imana mu bwenge bwabo, maze baramya ibishushanyo biremeye; hanyuma ku iherezo, barushaho guhinduka inkozi z’ibibi. Umunyezaburi yerekana uburyo kuramya ibishushanyo bigira ingaruka, agize ati “Ababirema bazahwana na byo, n’ubyiringira wese. ” Zaburi 115:8. Ni itegeko rigenga ubwenge bw’umuntu ko iyo twitegereje duhinduka. Umuntu ntazigera amenya ukuri ku giti cye, ngo yitunganye kandi yiboneze we ubwe. Niba intekerezo zitazamuwe ngo zirenge urugero rwa kimuntu, niba zitazamuwe no kwizera mu rwego rwo gusobanukirwa ubwenge n’urukundo bitarondoreka, umuntu azahora arushaho guhenebera. Abaramya ibigirwamana bagerageza kubiha imico n’ingeso by’umuntu, maze urugero rw’imicombonera y’izo mana rukamera nk’urwo umunyabyaha. Ku iherezo, biteshwa agaciro. “Uwiteka abonye ko ingeso z’abantu zari mbi cyane mu isi, kandi ko kwibwira kose imitima yabo itekereza ari kubi gusa iteka ryose.... Kandi isi yari yononekaye mu maso y’Imana; yuzuye urugomo.” Imana yari yahaye abantu amategeko yayo ngo ababere umushorera mu mibereho yabo, nyamara barayishe, kandi ibyaha byose byakozwe kubera iyo mpamvu. Abantu bakoraga ubugome ku mugararago nta gutinya, ubutabera bwaribatirwaga hasi nk’umukungugu, maze imiborogo y’abarenganaga igera mu ijuru. {AA 53.1}

Ubuharike nibwo bwari bugitangira, n’ubwo bwari bunyuranyije n’umugambi w’Imana. Uwiteka yahaye Adamu umufasha umwe, kandi imwereka gahunda. Ariko nyuma yo gucumura, abantu bahisemo gukurikiza irari ryabo ry’icyaha; maze ku iherezo ubwicanyi n’ubugome birushaho kwiyongera. Haba ibyerekeye gushyingiranwa, haba n’uburenganzira ku mutungo, nta na kimwe cyubahirijwe. Uwifuzaga umugore cyangwa ubutunzi bwa mugenzi we, yabitwaraga ku ngufu, maze abantu biroha mu bikorwa by’urugomo. Bashimishwaga no gutsembaho ubugingo bw’inyamaswa; maze kubwo kurya inyama bahinduka abicanyi ruharwa n’inkoramaraso, kugeza ubwo ubugingo bw’umuntu busigara ntacyo bubabwiye. {AA 53.2}

Isi nibwo yari ikiremwa; ariko gukiranirwa kwari kumaze gukabya hose ku buryo Imana yari itagishoboye kubyihanganira; maze iravuga iti, “Nzarimbura abantu naremye, mbatsembe mu isi.” Imana yavuze ko Umwuka Wera atazakomeza kuruhanya n’abanyabyaha. Niba bataretse kwandurisha isi n’ubutunzi bwayo ibyaha byabo, izabakura mu biremwa byayo; izarimbura ibintu yari yabahaye ngo bibabere umugisha; izamaraho inyamaswa n’ibimera byatungaga abantu bakarengwa, kandi isi yari nziza izayihindura umusaka. {AA 53.3}

Muri icyo gihe isi yari ikomeje kwangirika, Metusela, Nowa, n’abandi benshi baharaniye

gukomeza kumenya Imana nyakuri kandi bakagendera kure ibibi. Imyaka ijana na makumyabiri mbere y'Umwuzure, Uwiteka yohereje marayika kumenyesha Nowa umugambi we maze amutegeka kubaka inkuge. N'igihe yubakaga inkuge yagombaga kubwiriza abantu ababwira ko Imana izateza Umwuzure ku isi urimbure inkozi z'ibibi. Abajyaga kwizera ubwo butumwa, bakitegura bihana kandi bagahindura imibereho yabo, bajyaga kuzababarirwa kandi bagakizwa. Henoki yigishije abana be ibyo Imana yamweretse byerekeye Umwuzure, kandi Metusela n'abahungu be, bashoboye kumva ubutumwa Nowa yabwirizaga, bamufasha kubaka inkuge. {AA 53.4}

Imana yahaye Nowa ingero zose n'amabwiriza agendanye no kubaka inkuge mu buryo bwihariye. Ubwenge bw'umuntu ntibwashoboraga gutegura ikintu cy'imbaraga kandi kizaramba nk'icyo. Imana ni yo yakoze igishushanyo mbonera, hanyuma Nowa aba uwo kugishyira mu bikorwa. Yari yubatswe nk'ubwato, kugira ngo ishobore kureremba hejuru y'amazi, ku rundi ruhande yajyaga gusa n'inzu. Yari ifite ibyumba bitatu bigerekeranye, n'umuryango umwe gusa ku ruhande. Umucyo waturukaga hejuru, kandi ibyumba bitandukanye byari byubatswe ku buryo byose byamurikirwaga. Ibikoresho byari byubatse inkuge byari amasipure cyangwa ibiti byitwa goferu, byashoboraga kumara imyaka amagana n'amagana bitamunzwe. Kubaka icyo kintu kinini cyane ntibyihutaga. Urebye umubyimba w'ibiti n'ubwoko bwabyo, icyo gihe gutunganya urubaho wari umurimo ukomeye cyane ugereranyije n'ubu. Ubushobozi bw'umuntu bwose bwarakoreshejwe kugira ngo uwo murimo utungane, nyamara iyo nkuge ubwayo ntiyajyaga kwibuza kwangizwa n'Umwuzure wendaga kuba ku isi. Imana ubwayo ni yo yashoboraga kurinda abagaragu bayo umuraba ntugire icyo ubatwara . {AA 54.1}

"Kwizera ni ko kwatumye Nowa atinya Imana, amaze kuburirwa na yo iby'ibitaraboneka, akabaza inkuge yo gukiza abo mu nzu ye, ni yo yacishije iteka ry'abari mu isi, aragwa gukiranuka kuzanwa no kwizera. " Abaheburayo 11:7. {AA 54.2}

Ubwo Nowa yatangaga ubutumwa bwe bw'imiburo ku b'isi, imirimo ye yahamyaga ubudahemuka bwe. Nuko rero, kwizera kwe kawri gushyitse kandi kwarigaragazaga. Yahaye abantu urugero rwiza rwo kwizera ibyo Imana ivuga nta kuzuyaza. Ubutunzi bwe bwose yabushoye mu kubaka inkuge. Ubwo yatangiraga kubakira ubwo bwato bunini cyane ku butaka, abantu benshi baturutse imihanda yose baje kureba icyo kintu kidasanzwe no kumva amagambo y'ukuri uwo mubwiriza yavugaga. Umusumari wose washyirwaga ku nkuge wagiraga icyo uhamiriza abantu. {AA 54.3}

Abantu benshi babanje gusa n'aho bakiriye ubwo butumwa bw'imiburo, ibiri amambu ntibaragahindukira ngo basange Imana kandi bihane by' ukuri. Ntibashakaga kureka ibyaha byabo. Mu bihe byabanjirije kuza k'Umwuzure, abantu barageragejwe, maze bananirwa kwihanganira icyo kigeragezo. Bamaze gutsindwa bitewe no kutizera

kwabo, bisubirira mu nzira zabo za mbere, maze bahinyura ubwo butumwa bwiza. Bamwe baranyuzwe ndetse bajyaga kwemera uko kubura; ariko harimo benshi babwamaganye ndetse babuhindura urwo amenyo, kuko bari bayobowe n'umwuka umwe, bituma na bo baba nk'abandi, banga irarika ry'imbabazi, maze bidatinze baba bamwe mu bari ku ruhembe rw'abakobanyi kurusha abandi; kuko nta bantu basaya mu byaha cyane ngo bamere nk'ababanza kubona umucyo, nyamara ntibashake kwemezwa n' Umwuka w'Imana. {AA 54.4}

Abantu b'icyo gihe siko bose basengaga ibigirwamana. Benshi bahamyaga ko baramya Imana. Bavugaga ko ibishushanyo bisengwa byabo byagereranyaga Ubumana kandi byabafashaga kugira ishusho ibasobanurira Imana. Abo ni bo bari nyambere mu kwanga ubutumwa bwa Nowa. Ubwo bihatiraga kugaragaza Imana binyuze mu bishushanyo n'ibindi bintu, intekerezo zabo ntizongeye kurangamira ugukomera n'imbaraga by'Imana; maze ntibaba bakibona ukwera kw'imico yayo, cyangwa gukiranuka, no kudahinduka kw'ibyo ibasaba. Uko ibyaha byakomezaga kugwira, niko babonaga ko bimwe bitakiri ibyaha, ndetse bagera ubwo bavuga ko amategeko y'Imana nta bushobozi agifite; kandi ko guhana abakora ibyaha binyuranyije n'imico mbonera y'Imana; nuko bahakana bidasubirwaho ko Imana itazacira isi urubanza. Iyo abantu bo muri icyo gihe bumvira amategeko y'Imana, baba barasobanukiwe n'ijwi ryayo ryavugiraga mu mugaragu wayo; nyamara imitima yabo yari ihumishijwe no kwanga umucyo, kugeza ubwo bizera ko ubutumwa bwa Nowa ari ibinyoma.

{AA 54.5}

Ntabwo ari umubare munini cyangwa ubwinshi bw'abantu bwari bubogamiye ku kuri. Isi yari irangariye mu ruhande rw'abanga ubutabera bw'Imana n'amategeko yayo, naho Nowa bakamubona nk'ufite ubwaka. Igihe Satani yashukaga Eva ngo agomere Imana, yaramubwiye ati, " N'ukuri rwose ntimuzapfa." Itangiriro 3:4. Abantu bakomeye kandi bagenderaga mu nzira z'isi, abari abanyacyubahiro kandi b'ababahanga, baravugaga bati, " Amagambo ateye ubwoba y'Imana agamije gukura abantu umutima ariko ntabwo izagenzura ko yakurikijwe. Ntidukeneye kuburirwa. Ibyo bintu by'uko Imana izarimbura isi yaremye, kandi ngo inahane n'ibiremwa yiremeye ntibizabaho. Ni amahoro; ntimugire ubwoba. Nowa arakabya cyane." Abantu bafashe amagambo ya Nowa nk'ubusazi bw'umusaza w'umwaka. Aho kwicisha bugufi ngo begurire Imana imitima yabo, bakomeje kwigomeka no gukora ibibi, nkaho Imana itigeze igira icyo ibabwira ibinyujije mu mugaragu wayo. {AA 55.1}

Ariko Nowa yahagaze ashikamye nk'igitare mu nkubi y'umuyaga. Hagati y'abantu bamukwenaga kandi bamusuzuguye, Nowa yagaragaje itandukaniro rye na bo aba inyangamugayo kandi agira ubudahemuka butajegajega. Imbaraga yigaragaje mu

magambo ye, kuko ryari ijwi ry’Imana ryabwiraga umuntu binyuze mu mugaragu wayo. Isano yari afitanye n’Imana ryamuhaye imbaraga ziturutse mu bushobozi butagira iherezo, mu gihe cy’imyaka ijana na makumyabiri yose, Nowa yakomeje kubwirizanya ukuri abantu b’icyo gihe, yerekeje ku bintu byasaga nk’aho bidashobora kubaho ukurikije ubwenge bwa kimuntu. {AA 55.2}

Abantu bo mu gihe cya mbere y’Umwuzure batekerezaga ko kuva kera kose, amategeko agenga ibyaremwe yashyizweho kandi adahinduka. Ibihe byasimburanaga uko byagenwe. Guhera icyo gihe, nta mvura yari yarigeze kugwa; isi yajyaga ibobezwa n’igihu cyangwa urume. Imigezi ntiyari yarigeze kurenga inkombe, ahubwo amazi yayo yarindaga agera mu nyanja atamenetse iruhande. Amategeko adahinduka yabuzaga amazi kurenga inkengero. Nyamara abo banyabwenge ntibigeze batekereza ko ukuboko kw’Iyashyizeho amazi yagize iti, “Jya ugarukira hano ntukaharenge, imihengeri yawe ikaze izagarukira aha.”Yobu 38:11. {AA 55.3}

Ariko igihe cyarahise; babona nta kimenyetso kidasanzwe kigaragaye, maze abantu bajyaga banyuzamo bakagira ubwoba mu mitima yabo batangira kwirara. Bagize ibitekerezo, nk’uko bamwe muri iki gihe bajya batekereza, bivuga ko ibyaremwe biruta Imana yabiremye, kandi ko amategeko abigenga ntakuka, kuko Imana idashobora kuyahindura. Mu gutekereza batyo, ari nako bashishikariza isi yose gufata ubutumwa bwa Nowa nk’ubwaka n’ubushukanyi, bibwira ko iyo ubutumwa bwa Nowa buba ukuri, kamere y’ibyaremwe yagombaga guhindurwa. Berekanye ko basuzuguye imiburo y’Imana ubwo bongeraga kwikorera ibyo bakoraga mbere y’ubutumwa bwa Nowa. Bikomereje ibirori byabo byari bigizwe no guhaza inda zabo gusa; bararyaga kandi baranywaga, barahingaga kandi bakubaka, bakoraga imishinga biteganiriza ahazaza; maze barushaho gushayisha mu bibi; no guhinyura amabwiriza y’Imana, kugira ngo berekane ko badatinya Isumbabyose. Bavugaga ko iyo ibyo Nowa yavugaga biba ukuri, abantu b’ibyamamare nk’abanyabwenge b’ingeri zose, abantu bashishoza, ibihangange - baba barabyumvise bakabisobanukirwa. {AA 55.4}

Iyo abantu b’icyo gihe cya mbere y’Umwuzure bizera ibyo baburirwaga, maze bakihana imigenzereze yabo mibi, Imana iba yaribujije kubasukaho umujinya wayo, nk’uko yabigenje kuri Niniwe. Ariko kubwo gukomeza kugundira ibyo imitima yabo irarikiye, bagahinyura imiburo umuhanuzi w’Imana yabagezagaho, igikombe cyabo cyaruzuye kubwo gukora ibibi, maze basarura kurimbuka.

{AA 56.1}

Igihe bari barahawe cyo kwisuzuma cyendaga kurangira. Nowa yakurikije amabwiriza yahawe n’Imana akiranutse. Inkuge yari yuzuye nk’uko Uwiteka yari yabitegetse kandi yari ihunitsemo ibyo kurya bizatunga abantu n’inyamaswa. N’uko umugaragu w’Imana arongera ararika abantu inshuro ya nyuma. Afite agahinda katavugwa, yabingingiye

gushaka ubuhungiro bukiboneka. Na none bamwima amatwi ahubwo batera hejuru bamukoba. Mu kanya gato, kumukoba birahosha. Inyamaswa z'amoko yose zaturukaga mu misozi no mu mashyamba, zigana ku nkuge kandi zitonze. Urusaku rumeze nk'umuyaga uhuha rwarumvikanaga, inyoni na zo zaturukaga mu kirere hose, kandi umubare wabo wari uzimagije ikirere, kandi muri gahunda nziza, zikinjira mu nkuge nta muvundo. Inyamaswa zubahirije amabwiriza y'Imana, nyamara abantu barayagomera. Ziyobowe n'abamarayika baziranenge "zinjira ebyiri ebyiri, zisanga Nowa mu nkuge," na zirindwi zirindwi mu zitazira. Isi yose yabirebaga yumiwe kandi ifite ubwoba. Abanyabwenge barahamagawe kugira ngo babisobanure ariko ntibabishobora. Byari amayobera badashobora gusobanukirwa. Abantu bari binangiye imitima banze umucyo, ku buryo n'ibyabaye byabagizeho ingaruka z'akanya gato. Igihe ubwo bwoko bwari bugiye kurimbuka bwabonaga izuba ryo gukiranuka rirashe, kandi isi imeze nk'uko Edeni yari nziza, bikuyemo ubwoba, mu rwego rwo kwirema agatima, maze bikomereza imirimo yabo y'urugomo, bituma bibyukiriza uburakari bw'Imana hakiri kare. {AA 56.2}

Imana ibwira Nowa iti, " Injirana mu nkuge n'abo mu nzu yawe mwese; kuko ari wowe nabonye ukiranuka mu maso yanjye muri iki gihe." Abantu banze imiburo ya Nowa, nyamara, imyitwarire ye n'urugero rwiza yatangaga byahesheje imigisha umuryango. Nk'ingororano y'ubudahemuka n'ubunyangamugayo bye, Imana yamukizanyije n'abo mu muryango we bose. Mbega ubudahemuka bw'umubyeyi w'umunyamurava! {AA 56.3}

Imbabazi zari zimaze gukurwa ku bwoko bwacumuye. Inyamaswa zo mu gasozi n'ibiguruka byo mu kirere byari byamaze kugera mu buhungiro. Nowa n'abo inzu ye bari mu nkuge, "maze Uwiteka aramukingirana." Umucyo urabagirana cyane warigararaje, igicu cy'ikuzo kimeze nk'umurabyo kimanuka mu ijuru, maze kibambika ku muryango w'inkuge. Urugi runini cyane, rutashohoraga gukingwa n'abari imbere, rukingwa buhoro buhoro n'amaboko atagaragara. Nowa yakingiraniwe imbere, naho abanze imbabazi z'Imana bakingiranirwa hanze. Ikimenyetso cy'Ijuru cyari kuri urwo rugi; Imana yari yarukinze, kandi Imana yonyine niyo yashoboraga kurukingura. Na none Kristo narangiza umurimo wo kuburanira abanyabyaha mbere yuko aza ku bicu byo mu ijuru, urugi rw'imbabazi ruzakingwa. Imbabazi z'Imana zizaba zikuwe ku bakiranirwa, na Satani azaba amaze kwigarurira rwose abazaba baranze imbabazi. Bazagerageza kurimbura abantu b'Imana; ariko nk'uko Nowa yari arindiwe mu nkuge ntacyo ashobora kuba, n'abakiranutsi bazaba barinzwe n'imbaraga y'Imana. {AA 57.1}

Iminsi irindwi Nowa n'umuryango we bamaze mu nkuge, nta kimenyetso cyagaragaye cy'Umwuzure wari ugiye gutera. Muri icyo gihe kwizera kwabo kwarageragejwe. Cyari igihe cyo kunesha ku bari basigaye hanze. Uko gutinda kwabaye igihamya cy'ibyo bizeraga ko ubutumwa bwa Nowa ari ibinyoma, ko nta mwuzure uzabaho. N'ubwo

batitaye kubyo bari bariboneye — inyamaswa n’inyoni byinjira mu nkuge, na marayika w’Imana akinga urugi - bikomereje imikino no kwinezeza, ndetse bakomeza guhinyura imbaraga z’Imana. Hanyuma bazenguruka inkuge ari benshi cyane, bakoba abayirimo babagize urw’amenyo birenze ibya mbere. {AA 57.2}

Ariko ku munsi wa munani, ibicu byijimye bibudika mu kirere. Hakurikiraho guhinda kw’inkuba no kurabya kw’imirabyo. Bidatinze ibitonyanga binini by’imvura bitangira kugwa. Kuko ibintu nk’ibyo byari bitarigeze bibaho mu isi, abantu bakuka imitima. Bose bongoreranaga babazanya bati ” Mbese aho Nowa ntiyaba yari mu kuri ko isi igiye kurimbuka?” Buhoro buhoro, ikirere gitangira kwijima, maze muri ako kanya imvura irarindimuka. Inyamaswa zo mu gasozi zakubitaga hirya no hino zamazwe n’ubwoba, kandi kwabira kwazo kwikiranyaga n’imiborogo, bityo bikerekana iherezo ry’umuntu. Hanyuma “amasoko y’ikuzimu arazibuka, imigomero yo mu ijuru iragomororwa.” Amazi yavaga mu ijuru asuma biteye ubwoba. Imigezi irenga inkombe zayo, maze isendera mu bibaya. Amazi adudubiza ava mu butaka afite imbaraga nyinshi cyane zitarondoreka, kandi akajugunya ibitare binini cyane mu birere, maze mu kugwa kwabyo, bigatebera mu butaka. {AA 57.3}

Abantu babanje kubona imirimo y’intoki zabo ishiraho. Inyubako zabo zari zirimbishijwe cyane, n’imirima yabo y’imizabibu yari myiza cyane, imirima bari barubakiyemo ibigirwamana byabo, birimburwa n’imirabyo iturutse mu ijuru. Ibicaniro batambiragaho abantu byarasenywe, maze abasengaga ibyo bigirwamana bahindishwa umushyitsi n’imbaraga y’Imana ihoraho, kugira ngo bamenye ko ububi bwabo no gusenga ibigirwamana ari byo bitumye barimbuka. {AA 57.4}

Uko umugaru wakomezaga kwiyongera, ibiti, amazu, ibitare n’isi ubwayo bwakozwaga hirya no hino. Ubwoba butagira ingano bwateye abantu n’inyamaswa. Uretse gusuma k’umuraba, imiborogo y’abantu bari barasuzuguye amabwiriza y’Imana, yumvikanaga birenze guhinda kw’imirabyo n’inkuba. Satani ubwe,

{AA 57.5}

wagombaga kuguma hagati y’ibyo byarwanaga, yagize ubwoba yibaza niba na we atari burimbuke. Yari yarishimiye gutwara ikiremwamuntu, akifuza ko cyabaho gikora ibizira kandi kigakomeza kugomera Umutegeka w’ijuru. Atangira kuvuga amagambo yo gusebya Imana, ayishinja kutagira ubutabera n’ubwicanyi. Abantu benshi bari bameze nka Satani, na bo batuka Imana, kandi iyo baza kubishobora, bari gusanga Imana ku ntebe yayo bakayigirira nabi. Abandi bahindaga umushyitsi, batera amaboko yabo hejuru, basaba abari mu nkuge ko babinjiza na bo. Nyamara kwinginga kwabo ntacyo byabamariye. Aho byari bigeze, abantu batangira kumenya ko hari Imana itegeka mu ijuru. {AA 58.1}

Batakiye Ihoraho binginga, ariko ntiyatega amatwi imiborogo yabo. Muri uwo mwanya uteye ubwoba babonye ko kwica amategeko y'Imana ari byo bibateye kurimbuka. Noneho kubera gutinya igihano, bemera ibyaha byabo, ariko bya nikize, nta kuzinukwa ikibi. Bajyaga no kwisubirira mu byangwa n'Uhoraho, iyo igihano gikurwaho. Kandi ubwo igihano cy'Imana kizagwira isi irimbuzwa umuriro, abatihannye bazamenya aho ibyaha byabo bizaberekeza ndetse bamenye n'icyaha cyabo — aricyo gusuzugura amategeko year y'Imana. Nta kwihana nyakuri bazaba bagifite nk'uko aba mu gihe cya kera babigenje. {AA 58.2}

Mu bwihebe, bamwe bagerageje kwinjira mu nkuge, ariko bitewe n'uko inkuge yari yubatse imbaraga zabo ziraganzwa. Bamwe bakomeje kugundira inkuge kugeza ubwo imbaraga y'amazi n'inkuge yikubita ku mabuye no ku biti byabakuyeho. Iyo nkuge nini cyane yanyeganyezwaga yose n'inkubi y'umuyaga yayiteraganaga hirya no hino. Imiborogo y'inyamaswa zari mu nkuge yagaragazaga ubwoba n'umubabaro zari zifite. Ariko inkuge yakomeje kureremba ntiyagira icyo iba kuko hari hashyizweho abamarayika bo kuyirinda. {AA 58.3}

Inyamaswa zigezweho n'umuraba zahungiye ku muntu zigira ngo ahari yabasha kuzikiza. Abantu bamwe bahambiriye abana babo ndetse na bo ubwabo ku nyamaswa z' inyambaraga cyane ndetse na bo bihambiraho, bibwira yuko izo nyamaswa ziributerere imisozi zikagera hejuru cyane maze bagakira amazi yadudubizaga. Bamwe biziritse ku biti birebire byari mu mpinga z' imisozi; ariko ibyo biti byarandukanye n'imizi yabyo, maze hamwe n'abantu bari babirimo byiroha mu mivu yamazi. Aho bari biringiye umutekano hose ntihagize icyo habamarira. Ubwo amazi yakomezaga kuzamuka cyane, abantu bahungiye ku misozi yirengeye kurusha indi yose. Kenshi umuntu n'inyamaswa barwaniraga kugira aho bashinga ikirenge kugeza ubwo amazi yabatwaraga bombi. {AA 58.4}

Abantu bari bahagaze mu mpinga z'imisozi miremire gusumba iyindi, babonye inyanja itagira inkengero. Imiburo y'Imana bahabwaga n'umugaragu wayo, ntiyari igihindurwa urw'amenyo. Mbega ukuntu abo banyabyaha bari bagiye kurimbuka bifuje amahirwe bari barirengagije! Mbega ukuntu batakambye binginga ko nibura bahabwa isaha imwe yo kwisubiraho, andi mahirwe y'imbabazi, irindi rarika riturutse mu kanwa ka Nowa! Nyamara nta jwi ry'imbabazi bigeze bongera kumva. Urukundo, rwanganaga n'ubutabera, rwasabaga ko Imana icira urubanza icyaha. Amazi yihimuye kuri abo banyabyaha, abatsembaho, maze abahinyuraga Imana bashirira mu mwijima w'icuraburindi. {AA 58.5}

"Ku bwo ijambo, Imana yaravuze ….amazi arenga hejuru y'abari ku isi cya gihe akababahitana: na none Ijambo ry'Imana niryo ryemeza ko ijuru n'isi by'ubu bibikiwe gutsembwa n'umuriro, umunsi abazasuzugura Imana bazacirwa iteka bakarimbuka." 2

Petero 3:6-7. Undi mugaru uzongera kuza. Isi izongera izongera imarweho n’umujinya w’Imana, kandi icyaha n’abanyabyaha bazarimburwa. {AA 59.1}

Ibyaha byatumye isi ya mbere y’Umwuzure yiturwa ibyo yakoze n’ubu biriho. Mu mitima y’abantu ntihakibamo gutinya Imana, kandi amategeko yayo ntibayitayeho ahubwo barayasuzugura. Uko byari bimeze mu gihe cya kera n’ubu niko biri. Kristo aravuga ati, “Kuko nk’uko bari bameze muri iyo minsi yabanjirije Umwuzure,bararyaga,baranywaga, bararongoraga, barashyingiraga, bageza umunsi Nowa yinjiriye mu nkuge: ntibabimenya kugeza aho Umwuzure waziye, ukabatwara bose:ni ko no kuza k’Umwana w’umuntu kuzaba.”Matayo 24:38,39. Imana ntiyabahoye kurya cyangwa kunywa; yari yarabahaye amatunda yera ku isi ngo abatunge. Icyaha cyabo kwari ugukoresha izo mpano batazishimiye Iyazibahaye, maze bagatwarwa n’irari ry’inda zabo nta rutangira. Amategeko yashyigikiraga gushyingirwa. Gushyingirwa byari muri gahunda y’Imana; yari umwe mu mihango yashyizeho. Umuremyi yatanze amabwiriza y’umwihariko yerekeye uwo muhango, awambika umwambaro wo kwera n’ubwiza; nyamara aya mabwiriza barayibagiwe, maze umugambi w’ abashakanye urahindurwa bawukoresha gushimisha irari ryabo. {AA 59.2}

Imibereho y’abantu imeze nk’ iyo iriho muri iki gihe. Icyo amategeko abemerera bagerageza gukabya muri ibyo. Batwarwa n’irari ry’inda nta rutangira. Abitwa abayoboke ba Kristo basangira ibyo kurya n’ibyo kunywa n’abasinzi, kandi ugasanga amazina yabo yanditswe mu bitabo by’Itorero ry’Imana . Kutirinda mu byo kurya no mu byo kunywa bigusha ikinya imbaraga zo gutekereza neza n’izo iby’umwuka maze bigategurira umuntu gusaya mu irari ry’ibidafite umumaro. Abantu benshi bahinduka imbata z’irari ry’imibiri yabo, maze bashaka umunezero wawo. Abantu bamarwa no kwaya. Kuba inyangamugayo biguranwa kwinezeza no kwirata. Ubuhendanyi, ruswa, no kwiba bigahabwa intebe. Ibitangazamakuru byuzuyemo amakuru y’urugomo rw’ubwicanyi nta mpamvu ku buryo bisa nk’aho nta mutimanama bagira. Kandi ayo marorerwa asigaye aba hose ku buryo ntacyo akivugwaho cyangwa ngo atangaze abantu. Umutima wo kwikubira ukwira mu bihugu byose, kandi imbaraga y’ubwigomeke, nk’uko yakunze gutera isi yose ubwoba, nk’ikimenyetso cy’inkongi y’umuriro itewe n’irari no kwica amategeko, nimara kurenga igaruriro, izuzuza isi agahinda n’umubabaro. Ipica y’imibereho y’abantu bariho mbere yUmwuzure ishushanya imibereho abantu b ‘ubu bihutira kugeraho nk’uko Ibyanditswe bibivuga. Ndetse no muri iki gihe, ahavugwa ko hari Abakristo, ubwicanyi burakorwa buri munsi ku buryo buteye ubwoba nk’uko byagenze ku banyabyaha ba mbere barimbutse. {AA 59.3}

Mbere y’uko Umwuzure utera, Imana yatumye Nowa kuburira isi kugira ngo abantu bayoboke inzira yo kwihana maze bahunge kurimbuka kwari kwegereje. Uko igihe cyo

kugaruka kwa Kristo cyegereza, Umwami yohereza abagaragu be kuburira abantu ngo bitegure bya birori by'agatangaza. Benshi biberagaho bica amategeko y'Imana, none ku bw'imbabazi zayo irabararikira kumvira amabwiriza yayo yera. Abazihana bose kandi hakizera Imana na Kristo maze bakareka ibyaha byabo, bazababarirwa. Benshi bumva ari ikintu gikomeye cyane kuzinukwa ibyaha byabo. Bitewe n'uko imibereho yabo idahamanya n'amahame y'ukuri agenga ubutegetsi bw'Imana, benshi banga imiburo yayo kandi bagahakana ubushobozi bw'amategeko yayo.

{AA 59.4}

Mu bantu benshi cyane bari batuye ku isi mbere y'Umwuzure, umunani gusa nibo bizeye kandi bemera Ijambo ry'Imana binyuze muri Nowa. Mu myaka ijana na makumyabiri , umubwiriza wo gukiranuka yaburiye isi ko igiye kurimbuka, nyamara ubutumwa bwe burirengagizwa ndetse burasuzugurwa. Niko n'ubu bimeze. Mbere y'uko Uwatanze amategeko agaruka guhana abatayumviye, abanyabyaha baraburirwa ngo bihane; bareke inzira zabo mbi; ariko iyo miburo ntacyo ivuze kuri benshi. Intumwa Petero aravuga ati, "Mu minsi y'imperuka hazaza abakobanyi bakobana, bakurikiza irari ryabo, babaza bati:Isezerano ryo kuza kwe riri he? Ko uhereye aho ba sogokuruza basinziriye, byose bihora uko byahoze, uhereye ku kuremwa ku isi." 2 Petero 3:3,4. Mbese aya magambo ntituyabwirwa buri gihe, kandi adaturutse ku batubaha Imana, ahubwo tuyabwirwa na benshi bo muri twe bafite inshingano mu itorero. " Bavuga ko nta mpamvu babona ituma habaho impuruza." {AA 60.1}

"Mbere y'uko Kristo aza, isi yose izahinduka, kandi gukiranuka kuzaganza mu myaka igihumbi. Ni amahoro ! Ni amahoro! Ibintu bizakomeza kuba nk'uko byahoze mbere hose. Nihagire ukurwa umutima n'ubwo butumwa bw'abo bantu bahuruza." Nyamara inyigisho zo muri iki gihe zinyuranyije n'imyigishirize ya Yesu n'Intumwa ze. Yesu yabajije ikibazo cy'ingenzi ati, "Ariko Umwana w'umuntu naza, mbese azasanga kwizera kukiri mu isi?" Luka 18:8. Kandi nk'uko twabibonye, ahamya ko icyo gihe isi izaba imeze nk'iyo mu gihe cya Nowa. Pawulo atuburira atubwira ko igihe imperuka izaba yegereje, tuzabona ubugome bwiyongera "Ariko Umwuka avuga yeruye ati: Mu bihe bizaza bamwe bazagwa bave mu byizerwa, bakurikire imyuka iyobya n'inyigisho z'abadayimoni."1 Timoteyo 4:1 Intumwa iravuga iti, "Umenye ko mu minsi y'imperuka hazaza ibihe birushya." 2 Timoteyo 3:1. Kandi atanga urutonde rw'ibyaha bizaba birangwa kuri bamwe mu bafite ishusho yo kubaha Imana. {AA 60.2}

Ubwo igihe cy'imbabazi cyabo cyari kirangiye, abantu bariho mbere y'Umwuzure birunduriye mu bikorwa byo kwinezeza byose. Abari bafite ubutware bashyize umwete mu gukururira intekerezo z'abantu mu kwishimisha no kwinezeza, kugira ngo hatagira n'umwe utekereza kuri uwo muburo uheruka. Mbese ibyo ntitubibona muri iki gihe cyacu? Mu gihe abagaragu b'Imana barimo kutubwira ko iherezo rya byose riri bugufi,

isi ihugiye mu kwishakira ibinezeza. Hari ibikurura abantu bigatruma batita ku Mana ndetse bikababuza gushaka ukuri kandi ariko konyine kubasha kubakiza kurimbuka. {AA 60.3}

Mu gihe cya Nowa, abacurabwenge bahamije ko bitashoboka ko isi yarimbuzwa amazi; no muri iki gihe hari abahanga bihatira kwerekana ko isi idashobora kurimbuzwa umuriro — kuko byaba binyuranyije n'amategeko agenga ibyaremwe. Ariko Imana Umuremyi n'Umugenga w'ibyaremwe kandi ushyiraho amategeko abigenga, ashobora gukoresha ibyo yaremesheje ukuboko kwe, gusohoza umugambi we. {AA 60.4}

Igihe ibihangange n'abanyabwenge berekanaga ko bidashoboka ko isi irimbuzwa amazi kugira ngo bihendahende, ubwo ubwoba bw'abantu bwayoyokaga, kandi ubwo babonaga ko ubutumwa bwa Nowa buyobya, maze bakamubona nk'ufite ubwaka — nibwo igihe cy'Imana cyari gisohoye. "Amasoko y'ikuzimu" "yarazibutse, kandi imigomero yo mu ijuru iragomoroka," maze ba banyagasuzuguro barengerwa n'amazi y'Umwuzure. Ibyo biratanaga by'ubuhanga bwabo, ntibatinze kubona ko ari ubusazi, ko Nviramategeko aruta amategeko agenga ibyaremwe, kandi ko Ushoborabyose ntacyo ahishwa mu gusohoza umugambi we. "Kandi uko byari bimeze mu minsi ya Nowa,'"Ni nako bizamera, umunsi Umwana w'umuntu azahishurirwaho." Luka 17:26,30. "Ariko umunsi w'Umwami wacu uzaza nk'umujura, ubwo ijuru rizavanwaho, hakaba n'urusaku rwinshi cyane, maze ibirigize bihitanwe n'umuriro, maze isi yose nayo n'ibiyirimo byose bitsembwe." 2 Petero 3:10.

{AA 61.1}

Igihe ubwenge bw'isi bukuweho no gutinya iteka ry'Imana; igihe abayobozi b'idini bereka abantu ibihe by'amahoro n'ubukire bizaza, maze ugasanga isi ihugiye mu gushaka ubutunzi no mu binezeza, bahinga kandi bubaka, barya, banywa, batumva imiburo y'Imana kandi bagasuzugura intumwa zayo, "ni bwo kurimbuka {AA 61.2}

kuzabatungura,kandi ntibazahasha kibikira na hato."1 Abatesalonike 5:3. {AA 61.3}

IGICE CYA 8 - NYUMA Y'UMWUZURE

(Iki gice gishingiye mu Itangiriro 7:20-9:17)

Amazi yarazamutse agera hejuru y'imisozi yasumbaga iyindi yose maze arenga metero ndwi z'uburebure. Byasaga nk'aho umuryango wari mu nkuge ubasha kurimbuka, kuko bamaze amezi atanu yose ubwato bwabo buteraganwa hirya no hino. Cyari ikigeragezo gikomeye; ariko kwizera kwa Nowa ntikwacogoye, kuko yari afite ubwishingizi ko ukuboko kw'Imana kuri kumwe na bo. {AA 62.1}

Amazi atangiye kugabanuka, Imana yohereza inkuge ihagama hagati y'imisozi Imana ubwayo yari yateguye. Iyo misozi yari yegeranye cyane, kandi inkuge yarembaga muri uwo mwaro wari utuje, maze ntiyongera kureremba mu nyanja itaragiraga iherezo. Ibyo byazaniye ihumure rikomeye cyane abagenzi bo mu mazi bari bananijwe no guteraganwa n'umuraba. {AA 62.2}

Nowa n'umuryango we bategerezanyije ishyushyu ko amazi agabanuka, kuko bumvaga bakumbuye kongera gukandagira ku isi. Hashize iminsi mirongo ine, impinga z'imisozi zitangiye kugaragara, bohereza icyiyoni hanze kugira ngo bamenye ko ubutaka bwumutse. Icyo gisiga gisanze ahantu hose ari amazi gusa, kigaruka mu nkuge. Nyuma y'iminsi irindwi, hoherejwe inuma maze ibuze aho ihagarara, igaruka mu nkuge. Nowa arindira ko indi minsi irindwi ishira, arongera yohereza inuma. Igarutse nimugoroba ifite ikibabi cy'umunzenze mu kanwa, barishimye cyane. Hanyuma "Nowa akuraho igisenge cy'inkuge, maze aritegereza, abona ubutaka bwumutse." Na none yihanganye ategerereza mu nkuge. Nk'uko yinjiye mu nkuge abitegetswe n'Imana, ni nako yategereje andi mabwiriza y'umwihariko kugira ngo asohoke.

{AA 62.3}

Igihe kigeze marayika amanuka mu ijuru, afungura rwa rugi runini, abwira uwo mukurambere n'umuryango we gusohoka bakajya ku isi bakajyana n'igifite ubugingo cyose. Mu kwishimira gusohoka, Nowa ntiyibagiwe Nyirimbabazi wabarinze igihe cyose bari mu nkuge. Icyo yabanje gukora ni ukubaka igicaniro, maze kuri buri nyamaswa yose idahumanya no mu biguruka byose bidahumanya, abitambaho igitambo, ashimira Imana kuba yarabarokoye kandi yerekana kwizera afitiye Kristo, ari we gitambo kiruta ibindi byose. Icyo gitambo cyanejeje Imana, maze uwo mukurambere n'umuryango we ntibyabaviramo imigisha bonyine gusa, ahubwo n'abazatura ku isi bose. "Uwiteka yishimira impumuro yabyo; maze aravuga ati, sinzongera kuvuma ubutaka ukundi kubera abantu. ..Iminsi yose isi izaba ikiriho, igihe cy'ibiba n'isarura, icy'imbeho n'ubushyuhe, impeshyi n'urugaryi, amanywa n'ijoro ntibizavaho." Ibi byabereye icyigisho ku bakurikiyeho bose. Nowa nibwo yari akigera ku

isi idatuwe, ariko mbere yo kwiyubakira inzu, yabanje kubakira Imana igicaniro. Amatungo ye, amaremare n'amagufi yari makeya, kandi yari yarinzwe mu buryo bukomeye; ariko yahayeho Imana umugabane yishimye kugira ngo yerekane ko byose ari ibyayo. Ni ko mu buryo nk'ubwo natwe dukwiriye gushimira Imana imbabazi itugirira, duha Imana amaturo y'ubushake. Buri kintu cyose kiduhamiriza imbabazi n'urukundo itugirira gikwiriye guhabwa agaciro, ari mu bikorwa byo kwitanga ndetse no mu mpano dutanga ku bwo umurimo wayo. {AA 62.4}

Kugira ngo abantu nibabona ibicu bikoranye, imvura ikagwa, batazagira ubwoba, bagatinya ko habaho undi mwuzure, Uwiteka yahumurishije umuryango wa Nowa isezerano rivuga ngo, "Nzakomeza isezerano ryanjye namwe; … ntihazabaho ukundi Umwuzure urimbura isi. ... Nshyize umukororombya mu bicu, kugira ngo ube ikimenyetso cy'isezerano ngiranye n'isi. Ninshyira ibicu mu kirere hakabonekamo umukororombya, nanjye nzajya nzirikana isezerano nagiranye namwe n'ibinyabuzima byose." {AA 63.1}

Mbega kwicisha bugufi n'impuhwe Imana yagiriye ibiremwa byayo byahabye igihe yashyiraga umukororombya mwiza mu bicu nk'ikimenyetso cy'isezerano ryayo n'abantu! Imana yahamije ko umuntu nabona umukororombya, azajya yibuka isezerano ry'Imana. Ibi ntibivuga yuko Imana izigera yibagirwa; ahubwo itubwira mu rurimi rwacu dushobora kumva, kugira ngo dushobore gusobanukirwa neza. Byari umugambi w'Imana ngo ubwo abana bazavuka nyuma bazabaza ubusobanuro bw'umukororombya wahuranya mu kirere, ababyeyi babo bakwiriye kubasubirira mu gitekerezo cy'Umwuzure, bakababwira yuko Isumbabyose yawushyize mu bicu nk'isezerano ryo kutazongera kurimbuza isi Umwuzure. Uko ibihe bihaye ibindi, umukororombya uzajya uhamya urukundo Imana yakunze abantu kandi ukomeze ibyiringiro bafite mu Mana. {AA 63.2}

Mu ijuru umukororombya usa n'uwo ugose intebe y'Imana kandi utamirije umutwe wa Kristo. Umuhanuzi aravuga ati, "Icyo gisa n'umuntu cyari gikikijwe n'umucyo umeze nk'umukororombya urabagirana mu gihe cy'imvura. Ibyo byashushanyaga ikuzo ry'Uhoraho." Ezekiyeli 1:28; Umuhishuzi na we arahamya ati, "...mbona intebe ya Cyami y'Imana mu ijuru, mbona n'Uyicayeho... iyo ntebe ya cyami yari izengurutswe n'umukororombya warabagiranaga nk'ibuye rya emerodi." Ibyahishuwe 4:2, 3. Iyo umuntu yihamagariye gucirwaho iteka n'ijuru bitewe n'ubugome bwe bukabije, Umukiza yingiga se yerekana umukororombya mu bicu, akawerekana ugose intebe y'Imana unatamirije uruhanga rwe, nk'ikimenyetso cv'imbabazi Imana igirira umunyabyaha wicujije. {AA 63.3}

Kubera ibyiringiro Nowa yahawe ku byerekeye Umwuzure, Imana ubwayo yahuje rimwe mu masezerano yayo y'agahebuzo y'ubuntu bwayo: "Nzabigenza nk'uko nabikoze mu

gihe cya Nowa, narahiye ko ntazongera kurimbuza isi Umwuzure, none ndahiye ko ntazongera kukurakarira no kugutonganya. Imisozi ishobora kuvaho, udusozi dushobora kuvanwaho, nyamara urukundo rwanjye ntiruzashira, Isezerano ryanjye ry'amahoro ntirizakurwaho." Yesaya 54:9, 10. {AA 63.4}

Ubwo Nowa yitegerezaga inyamaswa z'imbaraga n'inkazi zasohokaga mu nkuge, yagize ubwoba, kuko yabonaga umuryango we wari ugizwe n'abantu umunani gusa uzatsembwa n'izo nyamaswa. Uwiteka yohereje marayika wo kumuhumuriza ati, 'Inyamaswa zo mu isi zose, n'inyoni n'ibisiga byo mu kirere byose, n'ibigendagenda ku butaka byose, n'amafi yo mu nyanja, bizabatinya: kandi murabihawe. Ibyigenza byose bifite ubugingo bizaba ibyokurya byanyu; mbibahaye byose; nk'uko nabahaye ibimera bibisi." Mbere y'Umwuzure, Imana ntiyari yaremereye abantu kurya inyama; yashakaga ko inyokomuntu ibaho itunganye kandi ikororokera mu isi; ariko noneho ubwo ibimera byose byari byarimbuwe, Imana yabemereye kurya inyama z'inyamaswa zitanduye zari zahungishirijwe mu nkuge. {AA 63.5}

Imiterere yose y'isi yarahindutse igihe cy'Umwuzure. Umuvumo wa gatatu uteye ubwoba wari wayigezeho bitewe n'ingaruka z'icyaha. Ubwo amazi yatangiraga gukama, udusozi n'imisozi byari bizengurutswe n'inyanja ngari. Imirambo y'abantu n'inyamaswa byari birambaraye ahantu hose. Uwiteka ntiyajyaga kwemera ko igumaho ngo ibore maze yangize umwuka, nicyo cyatumye yarahinduye isi aho yagombaga guhambwa. Inkubi y'umuyaga yari izanywe no gukamya amazi, yagurukanye iyo mirambo n'imbaraga nyinshi cyane iyijugunya kure maze ikukumura impinga z'imisozi miremire, n'ibiti n'ibitare birenga kuri iyo mirambo birayitwikira. Uko ni ko izahabu n'ifeza, ibiti byiza, n'amabuye y'agaciro, byari umutungo w'isi mbere y'Umwuzure; ibyo abatuye isi bari barahinduye ibigirwamana, byahishwe umuntu, maze imbaraga y'amazi irenza igitaka n'amabuye kuri ubwo butunzi, maze irema imisozi hejuru yabyo. Imana yabonye yuko uko yarushagaho gukungahaza abanyabyaha kandi ikabaha no kumererwa neza, na bo barushagaho gukora ibizira mu maso yayo. Ubutunzi bari bahawe ngo butume bahimbaza Imana, babuhinduye ibigirwamana, maze Imana ntiyahabwa agaciro ndetse irasuzugurwa. {AA 64.1}

Isi yari iteye urujijo kandi utamenya icyo ari cyo. Imisozi yahoze ari myiza cyane ihinduka ibihanamanga kandi ntiyareshya. Ibibuye bishinyitse n'ibitare biboneka hose. Aho imisozi n'udusozi byahoze ntibyongeye kuhaba ndetse nta n'icyagaragazaga ko byigeze kuhaba; kandi imirambi yahindutse ibisozi bihanamye. Ibyo byagiye byigaragaza ahantu henshi cyane. Ahahoze ubutunzi bukomeye cyane bw'izahabu, ifeza, n'amabuye y'agaciro hagaragaye ibimenyetso bibi cyane by'umuvumo. Kandi mu bihugu bitari bituwe n'ibyari byarakorewemo urugomo rukabije, umuvumo ntiwahangije cyane. {AA 64.2}

Muri icyo gihe, amashyamba manini yarenzweho n’ubutaka. Ibyo nibyo byaje guhindukamo nyiramugengeri, dusanga ahantu hamwe na hamwe, ari nabyo bibyara peteroli. Iyo nyiramugengeri na peteroli kenshi na kenshi bitutumbira mu nda y’isi. Na none kandi ibitare byarashonze, ibibuye birayenga ndetse n’ubutare burashonga burashira. Amazi yivanze n’amahindure byatumye habaho ubushyuhe bukabije, butera umutingito, ibirunga, n’ibindi bintu biteye ubwoba. Iyo amazi n’umuriro bihuye n’ibitare, hamwe n’ibindi bitabye mu butaka, habaho umuriri ukomeye munsi y’ubutaka, ukumvikana umeze nko guhinda kw’inkuba. Umwuka uba ushyushye kandi utwika. Hakurikiraho kuruka kw’ibirunga; kandi nta gishoboraga gucogoza ubwo bushyuhe, isi ubwayo iba irimo kubira, ubutaka burimo gukozwa hirya no hino nk’umuraba wo mu nyanja, imikuku minini iboneka henshi, maze imijyi, imidugudu, n’imisozi igurumana ikamirwa na byo. Mbere y’uko Kristo agaruka, ibi bimenyetso biteye ubwoba bizarushaho kwiyongera cyane, nk’ibimenyetso byerekana ukurimbuka kwayo. {AA 64.3}

Ubujyakuzimu bw’isi niho hahishwe ibintu byinshi cyane, kandi ni byo bizakoreshwa nk’intwaro yo kurimbura isi ishaje. Amazi yadudubizaga aturutse mu nda y’isi yiyungikanyije n’aturutse hejuru mu kirere byakoze umurimo wo kurimbura. Uhereye ku mwuzure, umuriro ndetse n’amazi, Imana yabikoresheje mu kurimbura imirwa yigometse. Urwo rubanza ruzagera ku basuzugura amategeko y’Imana kandi bagasiribanga ubutware bwayo, kugira ngo bahindire umushyitsi imbere yayo kandi bahamye ubudahangarwa bwayo. Ubwo abantu biboneraga n’amaso imisozi igurumana, ibirimi by’umuriro hamwe n’isuri y’ubutare bwashonze, ikama ry’imigezi, iriduka ry’imijyi y’ibyamamare, amatongo ahantu hose, n’ibindi; ibyo byose byatumye imitima yabo itahwa n’ubwoba, maze bamwe mu batizera Imana batangira kuyituka aho kwemera imbaraga zayo zitagira akagero.

{AA 64.4}

Abahanuzi bo mu gihe cya kera bahereye kuri ibyo byabaye baravuga bati, “Waba nk’umuriro utwika ibyatsi, waba nk’umuriro watuza amazi, bityo izina ryawe ryamenyekana mu banzi bawe, amahanga yahinda umushyitsi imbere yawe. Koko umanutse ugakora ibikorwa tutari twiteze, imisozi yatigita imbere yawe. Guhera kera kose nta wigeze abyumva, nta jisho ryigeze ribona Imana ikorera ityo abayitegereje nk’uko wowe ubikora.” Yesaya 64:1-3. Uhoraho atinda kurakara, nyamara afite imbaraga nyinshi, ntabura guhana abagizi ba nabi. Aho Uhoraho anyuze haba inkubi y’umuyaga na serwakira, ibicu n’umukungugu utumurwa n’ibirenge bye. Acyaha inyanja igakama, inzuzi zose na zo azikamyamo amazi.” Nahumu 1:3,4. {AA 65.1}

Hazabaho ibindi bintu biteye ubwoba bitigeze kubaho mu isi, ubwo Kristo azaba agarutse. “Atuma imisozi itigita, udusozi natwo ducika inkangu. Iyo ahingutse isi

irahindagana, isi n’abayituye bose birakangarana. Ninde wahangara kumuhagarara imbere yarakaye? Ni nde wahangara n’umujinya we ukaze? Uburakari bwe bugurumana nk’inkongi y’umuriro, butuma n’ibitare bisatagurika.” Nahumu 1:5, 6 (Bibiliya Ijambo ry’Imana). “Uhoraho kingura ijuru umanuke, ukore ku misozi icucumuke umwotsi. Uteze imirabyo itatanye abanzi banjye, ubarase imyambi bakwire imishwaro.” Zaburi 144:5, 6 (BII). {AA 65.2}

“Nzerekana ibitangaza hejuru ku ijuru, nzerekana n’ibimenyetso hasi ku isi, hazaboneka amaraso n’umuriro n’umwotsi ucucumuka.” Ibyakozwe n’Intumwa 2:19 “Nu ko imirabyo irarabya, amajwi ararangira, inkuba zirahinda n’isi iratigita cyane. Kuva abantu baba ku isi ntihigeze habaho umutingito w’isi ukaze nk’uwo. Ibirwa byose birahunga, imisozi na yo ntiyongera kuboneka. Nuko amahindu manini ava mu ijuru agwira abantu, rimwe rifite uburemere bwaba nk’ibiro mirongo ine. Ibyahishuwe 16:18, 20, 21. {AA 65.3}

Ubwo imirabyo iturutse mu ijuru iziyungikanya n’umuriro uvuye ku isi, imisozi izagurumana nk’itanura, kandi izajya ijugunya amahindure ateye ubwoba, biziroha mu busitani n’imirima, n’imidugudu n’imijyi bibereye amaso. Ubutare bwashongeshejwe nibugwa mu migezi bizatuma amazi abira, bijugunye ibitare binini cyane bifite ingufu zitavugwa bisandara ahantu hose ku butaka. Imigezi n’inzuzi bizakama. Isi izahinda umushyitsi, ahantu hose hazaba hari imitingito no kuruka kw’ibirunga. {AA 65.4}

Ubwo nibwo Imana izatsemba abagome bose ku isi. Ariko intungane zizarindirwa hagati muri ako kaga, nk’uko Nowa yarindiwe mu nkuge. Imana izababera ubuhungiro, kandi munsi y’amababa yayo niho bazakirira. Umunyazaburi aravuga ati, “Wagize Uhoraho ubuhungiro bwawe, Isumbabyose uyigira ubwihisho bwawe. Bityo nta kibi kizakugeraho, nta n’icyago kizagera aho utuye.” Zaburi 91:9,10. “Azahandindira mu gihe cy’amakuba, mu ngoro ye niho azampisha, azambera urutare runkingira.” Zaburi 27:5. Isezerano ry’Imana ni iri ngo, “Kuko atatezutse kunkunda nzamukiza ayo makuba, nzamurinda kuko yemera uwo ndi we.” Zaburi 91:14 (BII). {AA 65.5}

IGICE CYA 9 - ICYUMWERU CY’IMINSI IRINDWI

Nk’uko Isabato yatangiriye mu irema, ni na ko icyumweru cyatangiriye mu irema, kandi byakomeje kubahirizwa bityo natwe bitugeraho binyuze mu mateka ya Bibiliya. Imana ubwayo ni yo yabaze iminsi y’icyumweru cya mbere, kugira ngo ibindi byumweru bizakurikiraho bizabe ariho bihera. Yari iminsi irindwi nk’uko tuyibara. Iminsi itandatu yakoreshejwe mu irema; ku wa karindwi Imana iraruhuka, maze iraweza kandi iwugira n’umunsi umuntu azajya aruhukaho. {AA 67.1}

Mu mategeko yatangiwe kuri Sinayi, Imana ntiyirengagije icyumweru n’ishingiro ryacyo. Nyuma yo gutanga itegeko ngo, “Wibuke kweza umunsi w’Isabato,” ndetse n’ibigomba gukorwa mu minsi itandatu, n’ibitagomba gukorwa ku wa karindwi, yanasobanuye impamvu yo gukurikiza iminsi cy’icyumweru, ihereye ku rugero yatanze ubwayo: “Kuko iminsi itandatu ari yo Uwiteka yaremeyemo ijuru n’isi n’inyanja, n’ibirimo byose, akaruhuka ku wa karindwi: nicyo cyatumye Uwiteka aha umugisha umunsi w’Isabato, akaweza.” Kuva 20:8-11. Iyi mpamvu igaragara ko ari nziza kandi y’ukuri iyo dusobanukiwe iminsi yo kurema nk’isanzwe. Iminsi itandatu ya mbere y’ icyumweru cyose yahawe umuntu ngo ayikoreremo imirimo ye, kuko Imana yakoresheje igihe kingana n’icyo mu murimo wayo w’irema. Ku munsi wa karindwi umuntu agomba guhagarika imirimo, yibuka ikiruhuko cy’Umuremyi we. {AA 67.2}

Ariko gutekereza yuko ibyakozwe mu cyumweru cya mbere bitatwaye igihe gito gusa, ko ahubwo byaba byarakozwe mu myaka ibihumbi n’ibihumbi ni ukurwanya byimazeyo ishingiro ry’itegeko rya kane. Ibi bigaragaza Umuremyi nk’utegeka abantu gukurikiza icyumweru cy’iminsi irindwi yibuka igihe kitarondorwa. Ibi nabyo bisa n’uburyo ikorana n’ibyo yaremye. Ibyo kandi bituma ibyo yaremye bidasobanuka kandi bigatera umwijima mu ntekerezo. Ni ukutizera gukabije kandi guteye akaga kuruta ibindi bibi byose; kuko bihishe ibintu bidafututse na gato ku buryo n’abantu benshi bavuga ko bizera Bibiliya usanga babyemera kandi bakabyigisha. {AA 67.3}

“Ijambo ry’Uwiteka ni ryo ryaremye ijuru, umwuka wo mu kanwa ke ni wo waremye ingabo zo muri ryo zose. Kuko yavuze bikaba; yategeka bigakomera” Zaburi 33:6, 9. Bibiliya ntiyemera yuko isi yatwaye imyaka n’imyaka kugira ngo ive mu kintu cy’ubusa busa ihinduke nziza. Ibyanditswe Byera bivuga ko mu irema, bwiraga bugacya nk’uko byakomeje kuba mu yindi minsi yakurikiyeho. Ku iherezo rya buri munsi, habaga hari icyo Umuremyi yakoze. Mu isoza ry’icyumweru cya mbere cy’irema, hari amagambo yavuzwe ngo, “Dore amavu n’amavuko y’iremwa ry’ijuru n’isi.” Itangiriro 2:4. Ibi ntibishatse kwerekana ko icyumweru cy’irema gitandukanye n’iminsi irindwi isanzwe. Buri munsi wiswe urubyaro, kuko ariho Imana yagiye ishyiraho ikintu gishya mu murimo wayo.

{AA 67.4}

Abashakashatsi mu byerekeye amabuye n’ubutaka, bavuga ko bafite igihamya babonye mu butaka cyemeza ko isi ifite imyaka myinshi cyane kurusha ibyo amateka yanditswe mu bitabo bya Mose yigisha. Havumbuwe amagufwa y’abantu n’ay’inyamaswa, ibisigazwa by’ibikoresho, ibiti bibaje neza, n’ibindi, byose biruta ibyo muri iki gihe, cyangwa se ibyigeze kuvumburwa, maze kubwo ibyo, abantu bumva yuko isi yari ituwe kera cyane mbere y’igihe kivugwa mu mateka y’irema, kandi abariho basumba kure abariho muri iki gihe. Uko gutekereza kwatumye abantu benshi bizera Bibiliya by’urwiyerurutso, bemeza yuko iminsi y’irema yari myinshi cyane, ko byari ibihe bidafite iherezo. {AA 67.5}

Ariko uretse amateka ya Bibiliya, ubwo bushakashatsi ntacyo bwagezeho. Abatekereza bahereye kubyo bavumbuye ntibashobora kugaragaza by’ukuri uko abantu, inyamaswa, n’ibiti byanganaga mbere y’Umwuzure, cyangwa se impinduka zikomeye zabayeho. Ibivumburwa mu butaka byerekana yuko imibereho y’igihe byari bikiri bizima itandukanye cyane n’iy’ubu, nyamara igihe iyo mibereho yatangiriye gishobora kuboneka gusa mu Byanditswe Byahumetswe n’Imana. Mu mateka y’Umwuzure, Umwuka Imana yahumekeraga mu bantu bayo wasobanuye ibyo ubushakashatsi mu bitabye mu butaka butajyaga kugeraho. Mu minsi ya Nowa, abantu, inyamaswa, n’ibiti binini cyane kuruta uko bimeze ubu, byahambwe ikuzimu kandi birahaguma kugira ngo bizabere abantu bazabaho nyuma, igihamya cy’uko abantu bariho mbere y’Umwuzure barimbuwe na wo. Imana yateganyije ko ibyo nibivumburwa, bizatuma abantu bizera amateka yahumetswe n’Imana; ariko abantu, kubera ibitekerezo byabo bihumye, bagwa mu mutego nk’uko abariho mbere y’Umwuzure babigenje - Ibintu Imana yabahaye kugira ngo bibagirire akamaro babihinduramo umuvumo kuko babikoresheje mu buryo budakwiriye. {AA 68.1}

Ni kimwe mu byo Satani akoresha ayobora abantu kwemera ibinyoma by’abatizera; kuko bashobora gutuma amategeko y’Imana atumvikana nk’uko ari, kandi bigatera abantu kwigomeka ku butegetsi bw’Imana. Satani ashyira imbaraga mu kwibasira itegeko rya kane kuko ariryo ryerekana Imana nyakuri, Umuremyi w’ijuru n’isi. {AA 68.2}

Imbaraga nyinshi zishyirwa mu gusobanura umurimo w’irema nk’aho rituruka ku mihindagurikire y’ibintu; maze n’Abakristo kw’izina bakemera ibyo bitekerezo bya kimuntu bihakanya Ibyanditswe Byera. Hari benshi bahakanya isesengura ry’ubuhanuzi, cyane cyane ibitabo bya Daniyeli n’Ibyahishuwe, bavuga ko ari urujijo tudashobora kubisobanukirwa; ariko kandi ugasanga abo babihakana ari na bo bakira ibitekerezo bidafite gihamya bitangwa n’abashakashatsi mu by’ubuvumbuzi bw’ibihishwe mubutaka bahakanya amateka ya Mose. Ariko niba ibyo Imana yahishuriye abantu bikomeye kubyumva, mbega uburyo kwemera imitekerereze idashyitse ku byo Imana

yahishuye ari ukwihenda! {AA 68.3}

Hariho ibintu bimwe Uhoraho Imana yacu yahishe abantu, nyamara twe n'urubyaro rwacu yaduhishuriye Amategeko ye, kugira ngo tujye tuyakurikiza yose uko ibihe bihaye ibindi." Gutegeka Kwa Kabiri 29:29. Uko Imana yujuje umurimo wayo w'irema ntiyigeze ibihishurira abantu; ubuhanga bw'abantu mu by'ubumenyi ntibubasha kurondora amabanga y'Isumbabyose. Imbaraga zayo mu guhanga nta wazisobanukirwa nk'uko imibereho yayo itarondoreka. {AA 68.4}

Imana yemeye ko umucyo mwinshi usesekara ku isi, haba mu bumenyi n'ubuhanga; nyamara iyo abahanga mu bya siyansi babisobanuye bakurikije kamere muntu, byanze bikunze imyanzuro bageraho iba atari myiza. Byaba byiza kujya impaka kubyo Imana yahishuye, niba ibyo twifashishije bitanyuranya n'ibyo dusanga mu Byanditswe Byera; ariko abareka Ijambo ry'Imana, bagashaka gutsimbarara ku mirimo yayo y'irema bifashishije amahame y'ubuhanga buhanitse bw'abantu, bagereranywa n'abasare bari mu bwato bagenda mu nyanja nini cyane batazi icyerekezo cyangwa badafite ikibayobora. Iyo abantu b'abahanga batayobowe n'ijambo ry'Imana mu bushakashatsi bwabo, bahinduka nk'abasazi iyo bagerageza kwerekana isano iri hagati y'ubuhanga buhanitse bw'abantu n'ibyo Imana yahishuriye abahanuzi bayo. Bitewe n'uko Umuremyi n'ibyo yaremye bihabanye cyane n'imyumvire yabo, kandi bakaba batashobora kubisobanura bifashishije amategeko agenga ibyaremwe, bafata amateka ya Bibiliya nk'adakwiriye kwiringirwa. Abashidikanya ukuri kw'Isezerano rya Kera n'Irishya, bashobora gutera indi ntambwe, bakanashidikanya ko Imana ibaho; nuko rero, bamara gutandukana n'imbaraga yari ibakomeje, bagasigara bakubita hirya no hino ku bitare by'ubuhemu bwabo. {AA 68.5}

Abo bantu baba batakaje ukwizera. Hakwiriye kubaho ukwizera kutajegajega gushingiye ku bubasha bw'Ijambo ry'Imana ritunganye. Bibiliya ntikwiriye kugeragereshwa ibitekerezo by'abantu bishingiye ku bumenyi buhanitse mu bya siyansi. Ubwenge bw'umuntu ni umuyobozi udakwiriye kwiringirwa. Abahakanyi basoma Bibiliya bagamije guhinyura, mu myumvire yabo idatunganye, bavuga ko ubuhanuzi n'ubumenyi buhanitse bwa siyansi binyuranye; kuko mu by'ukuri na bo ubwabo ntibabisobanukirwa neza, ariko ku babisobanukiwe bihagije, biruzuzanya rwose. Mose yanditse ayobowe n'Umwuka w'Imana, kandi amahame nyakuri y'ibyerekeye ubumenyi bw'ibitabye mu butaka, ntazigera ahamya ko havumbuwe ibinyuranyije n'ibyo yanditse. Ukuri kose, kwaba ukugaragarira mu biriho cyangwa uko mu byahishuwe, ntaho kunyuranya na gato mu buryo kwigaragaza. {AA 69.1}

Mu Ijambo ry'Imana habazwa ibibazo byinshi abashakashatsi badashobora gusubiza. Umwanya munini tuwuharira ibyo bibazo kugira ngo bitwereke akamaro bifite, ndetse no mu mibereho y'umunsi wose, tubonamo ibintu intekerezo zacu zigira iherezo,

n’ubwenge twiratana, bitazigera bishobora gusobanukirwa.

{AA 69.2}

Nyamara abahanga mu bya siyansi bibwira yuko bashobora gusobanukirwa ubuhanga bw’Imana mu byerekeye ibyo yakoze cyangwa ibyo ishobora gukora. Ibi bigaragaza ko Itavogerwa kubera amategeko yayo. Abantu bahakana cyangwa birengagiza yuko Imana ibaho, cyangwa batekereza yuko bashobora gusobanura ibintu byose, ndetse n’uburyo Umwuka wayo afasha umutima w’umuntu; ariko bakaba batacyubaha izina ryayo cyangwa ngo batinye ububasha bwayo. Benshi ntibizera imbaraga ikomeye, ntibasobanukiwe n’amategeko y’Imana cyangwa imbaraga zayo zitarondoreka ngo ubushake bwayo bukorere muri bo. Nk’uko iri jambo «amategeko agenga ibyaremwe » rikunze gukoreshwa rikubiyemo ibyo abantu bashoboye kuvumbura ku bijyanye n’amategeko agenga ibyo tubona ku isi; nyamara se ukuntu ubwenge bwabo bufite aho bugarukira! Kandi mbega uburyo bwagutse bw’ukuntu Umuremyi ashobora gukorera muri ayo mategeko yayo kandi atunganye birenze uko ibyaremwe bigira iherezo bibisobanukiwe!

{AA 69.3}

Benshi bigisha ko ibiriho byifitiye imbaraga ibibeshaho — ko hari amategeko abigenga adahinduka, kandi ko bikoreshwa n’imbaraga yabyo bwite; bityo imikorere y’ibyaremwe ikaba ijyanye n’amategeko adahinduka ndetse n’Imana ikaba itabasha kuyavuguruza. Ubwo ni ubumenyi bupfuye, kandi budashingiye ku Ijambo ry’Imana. Ibyaremwe bikorera Umuremyi wabyo. Imana ntikuraho amategeko yayo cyangwa ngo inyuranye na yo, ahubwo ihora iyifashisha nk’ibikoresho byayo. Ibyaremwe bihamya ukubaho, ubuhanga, imbaraga ikora, ikoresha kandi ikanakorera mu mategeko y’ibyaremwe. Mu byaremwe duhora tubonamo imirimo y’Umwana na Se. Kristo aravuga ati, “Data arakora kugeza n’ubu, nanjye ndakora.” Yohana 5:17. {AA 70.1}

Mu ndirimbo z’Abalewi zanditswe na Nehemiya, bararirimbye bati, ” Ni wowe wenyine witwa Uhoraho! Wahanitse ijuru hejuru y’amajuru yose, waremye n’inyenyeri zose zo muri ryo. Ni wowe waremye isi n’ibiyirimo byose, urema n’inyanja n’ibiyirimo byose. Ni wowe ubeshaho ibiremwa byose, ingabo zo mu ijuru ni wowe ziramya.” Nehemiya 9:6. Ku byerekeye iyi si, umurimo w’Imana wo kurema uruzuye. Kuko “imirimo yarangiye imaze kurema isi.” Abaheburayo 4:3 Ariko imbaraga zayo ziracyakoreshwa gukomeza ibiremwa byayo. Ntabwo ari uko uburyo b’imikorere bwashyizweho ngo bukoreshe imbaraga karemano, ngo gutera k’umutima kose, guhumeka kose gukurikirane; ahubwo umwuka wose, gutera kose k’umutima byerekana ko Imana yita kuri bose “...kuko ari muri yo dukesha guhumeka no kwinyagambura, mbese no kubaho kose.” Ibyakozwe n’Intumwa 17:28. Ntabwo ari ukubera imbaraga karemano isi itanga umwero wayo uko umwaka utashye, kandi ngo ikomeze kuzenguruka izuba. Ukuboko

kw’Imana kuyobora amasi kandi kukayakomereza mu myanya yayo hakurikijwe gahunda yo mu kirere. “Asohora ingabo zabyo mu mitwe, zose akazihamagara mu mazina, kuko afite imbaraga nyinshi, akagira amaboko n’ububasha, ni cyo gituma nta na kimwe kizimira.” Yesaya 40:26. {AA 70.2}

Kubera ubushobozi bwayo, ibimera bikura neza, ibibabi bikamera, kandi n’uburabyo bukarabya. Imana ituma “ubwatsi bumera ku misozi” (Zaburi 147:8), kandi ni yo iha ibibaya kurumbuka. “Inyamaswa zo mu ishyamba zose ku Mana ni ho zishakira ibyo kurya byazo” (Zaburi 104:20, 21), kandi n’ ikiremwa cyose gifite ubuzima uhereye ku gakoko gatoya ukageza ku muntu, byose bibeshwaho no kwishingikiriza ku bufasha bwayo. Mu magambo meza cyane y’umunyazaburi yaravuze ati, “Ibiremwa byose biguhanze amaso, bitegereje ko ubigaburira ibyo kurya byabyo ku gihe....upfumbatura igipfunsi ukabihaza ibyiza.” Zaburi 104:27, 28. Ijambo ryayo niryo rigenga ibiriho; ijuru irikingirisha ibicu maze imvura ikitegura kugwa ku isi. “Agusha amasimbi yererana nk’inyange, ikime cy’ubunyinya agikwiza hasi nk’ivu.” Zaburi 147:16. “Iyo ategetse, amazi yo ku ijuru yimbumbira hamwe, akoranya ibicu abivanye ku mpera z’isi, yohereza imirabyo mu ndiri yawo.” Yeremiya 10:13. {AA 70.3}

Imana ni ishingiro ry’ibintu byose. Ubumenyi nyakuri bwose buhanitse mu bya siyansi buhuza n’imirimo yayo; uburezi bwose bw’ukuri buyobora umuntu kumvira ubutegetsi bwayo. Ubumenyi buhanitse mu bya siyansi buduhishurira ibitangaza bishya; butumbagira kure kandi bugashakashaka no hasi ikuzimu kure cyane hatari hamenywa; ariko nta kintu na kimwe bukura mu bushakashatsi kinyuranya n’ibyo Imana yaduhishuriye. Ubujiji bushobora kugerageza gushyigikira ibitekerezo bipfuye bya siyansi ku byerekeye Imana, ariko igitabo cy’ibyaremwe n’Ijambo Ryanditswe birasobanurana. Niyo mpamvu duhamagarirwa gusenga Umuremyi no kugira ubwenge bwo kwiringira Ijambo ryayo. {AA 70.4}

Nta ntekerezo zigira iherezo zishobora gusobanukirwa byimazeyo imibereho, ububasha, ubuhanga cyangwa imirimo y’Ihoraho. Ibyanditswe Byera biravuga biti, “Mbese wabasha gucengera amayobera y’Imana? Ese wabasha gucengera ububasha bwayo? Wabigenza ute ko buri hejuru y’amajuru? Wabusobanukirwa ute ko buri ikuzimu? Uburebure bw’ububasha bwayo busumba isi, ubugari bwabwo busumba inyanja.” Yobu 11:7-9. Ibihangange mu bwenge byo mu isi ntibashobora gusobanukirwa Imana. Abantu bashobora guhora bashakashaka, bagahora biga, ariko kandi ntibabone iherezo. {AA 71.1}

Na none, imirimo y’irema ihamya imbaraga n’ubushobozi by’Imana. “Ijuru rivuga icyubahiro cy’Imana, isanzure ry’ijuru rigaragaza ibyo yakoze.” Zaburi 19:1. Abafata Ijambo ry’Imana nk’umujyanama wabo bazasanga ubumenyi buhanitse mu bya siyansi bubafasha kumenya Imana. “Kuko ibitaboneka byayo, ni byo bubasha bwayo buhoraho

n’ubumana bwayo, bigaragara neza, uhereye ku kuremwa kw’ isi, bigaragazwa n ‘ibyo yaremye: kugira ngo batagira icyo kwireguza.”Abaroma 1:20. {AA 71.2}

IGICE CYA 10 - UMUNARA WA BABELI

(Iki gice gishingiye mu Itangiriro 9 :25-27 ; 11 :1-9)

Kugira ngo isi yari yarimbujwe Umwuzure bitewe n’ubwigomeke bw’abayituye izongere kubona abantu bayitura, Imana yarokoye umuryango umwe, ari wo wa Nowa, maze iramubwira iti, “... ni wowe nabonye ukiranuka mu maso yanjye muri iki gihe.” Itangiriro 7:1. Nyamara kandi mu bahungu be batatu hagaragayemo itandukaniro nk’iryari ku isi mbere y’Umwuzure. Kuri Shemu, Hamu, na Yafeti, bagombaga kuba urufatiro rw’inyoko muntu, muri bo hagaragaraga neza imico y’urubyaro ruzabakomokaho. {AA 72.1}

Imana yavugiye muri Nowa, maze agaragaza amateka y’amoko atatu akomeye azakomoka kuri abo babyeyi b’abantu. Nowa, ahereye ku rubyaro rwa Hamu, avuma umwana we mu cyimbo ya se Hamu agira ati, “Kanaani avumwe, azaba umugaragu w’abagaragu kuri bene Se.” Icyaha kidasanzwe cya Hamu cyagaragaje uburyo yari afite mu mutima we ingeso mbi yo kutubaha ababyeyi uhereye kera, kandi byahishuye ubunebwe n’agasuzuguro mu mico ye. Kanaani n’urubyaro rwe rero bakomoye izo ngeso mbi kuri Hamu, ari we watumye Imana ibaciraho iteka. {AA 72.2}

Ku rundi ruhande, kubaha Shemu na Yafeti bagaragaje kuri Se, no ku Mana, kwari isezerano ry’uko urubyaro rwabo ruzamera mu gihe kizaza. Yerekeje kuri abo bahungu be babiri, Nowa yaravuze ati” Uwiteka ahimbazwe, ni we Mana ya Shemu; Kanaani abe umugaragu we. Imana yagure Yafeti, abe mu mahema ya Shemu; Kanaani abe umugaragu we.” Urubyaro rwa Shemu rwajyaga kuzaba ubwoko bwatoranyijwe, abaragwa b’ibyasezeranyijwe, n’abo Umucunguzi wasezeranywe. Yehova yari Imana ya Shemu. Ni we Aburahamu n’ubwoko bwa Isiraheli bajyaga kuzakomokaho, ari naho Kristo yagombaga gukomoka. “Hahirwa ubwoko bufite Uhoraho ho Imana!” Zaburi

144:15. Kandi Yafeti “abe mu mahema ya Shemu”. Abakomokaga kuri Yafeti bajyaga kuzahabwa imigisha ivugwa mu Byanditswe Byera kandi bakayisangira by’umwihariko. {AA 72.3}

Urubyaro rwa Kanaani rwagize ubuhenebere bukabije buri munsi y’ubwo abapagani bose. Nubwo bariho umuvumo wo kuba abacakara, kandi ubwo bucakara babumazemo imyaka amagana n’amagana. Imana yihanganiye ubuhemu bwabo no gushayisha kwabo kugeza igihe barengeje urugero ijuru ritakwihanganira. Noneho bamburwa ibyo bari bafite, maze bahinduka imbohe z’urubyaro rwa Shemu na Yafeti. {AA 72.4}

Ubuhanuzi bwa Nowa si bwo bwagenewe kwitura umujinya cyangwa gutangaza umugisha. Ntibwari bugenewe gushyiraho imico no kugena uko abahungu be bazabaho. Ahubwo bwerekanye ingaruka y’imibereho bahisemo inshuro nyinshi n’ingeso zabo barushagaho gukuza. Imana yashatse kwerekanira umugambi wayo kuri bo n’urubyaro rwabo, ihereye ku mico n’imyitwarire yabo. Ni itegeko ko abana bakomora imico n’imigirire ku babyeyi babo, kandi bakabigana; maze abana bagashyira mu bikorwa ibyaha by’ababyeyi babo uko ibihe bihaye ibindi. Ku bw’izo mpamvu rero, urubyaro rwa Hamu rwamukomoyeho agasuzuguro no kutubaha, bibazanira umuvumo wamaze imyaka myinshi. “..umunyabyaha umwe yangiza ibyiza byinshi.” Umubwiriza 9:18. {AA 72.5}

Ku rundi ruhande, mbega ingororano ikomeye Shemu yabonye ku bwo kubaha Se; mbega icyitegererezo cy’abantu b’abakiranutsi cyabonetse mu rubyaro rwe! “Uhoraho yita ku ndakemwa igihe cyose,” “...abana be bagira umugisha.” Zaburi 37:18, 26. “None rero mumenye ko Uhoraho Imana yanyu ari we Mana, ni We Mana yo kwizerwa isohoza isezerano ryayo. Abayikunda bagakurikiza amabwiriza yayo, bo n’ababakomokaho ibagirira neza imyaka itabarika.” Ivugururamategeko 7:9. {AA 73.1}

Hashize igihe urubyaro rwa Nowa rukomeje gutura mu misozi inkuge yahagazemo. Uko bagwiraga ni ko batangiye kudahuza, bicamo ibice bitewe n’ubuhakanyi. Abifuzaga kwibagirwa Umuremyi wabo kandi bakanga no kubahiriza amategeko ye, bumvaga barakazwa n’inyigisho n’ingero za bagenzi babo bubahaga Imana, maze hashize igihe, bafata umwanzuro wo kwitandukanya n’abasenga Imana. Nk’uko byari biri, berekeje mu kibaya cy’i Shinari ku nkengero z’uruzi rwa Ufurati. Bakuruwe n’ubwiza n’uburumbuke byaho, bafata umwanzuro wo kuhatura. {AA 73.2}

Aho ni ho biyemeje kubaka umujyi munini cyane kandi hagati muri wo bagashyiramo umuturirwa w’umunara muremure cyane isi yose ikazawutangarira. Ibyo byari bikorewe kugira ngo birinde abantu gutatanira mu mahanga yajyaga kubigarurira. Imana yari yarabwiye abantu gutura ku isi yose, ariko abo bubatsi ba Babeli biyemeje kuguma hamwe, bagakomera, bakagira n’ubwami buzategeka isi yose. Nuko

umudugudu wabo ukazaba umurwa mukuru w’ingoma y’isi yose; isi yose yajyaga kubatangarira kandi ikabubaha kubera ubwiza bwawo. Uwo munara w’akataraboneka, wageraga ku ijuru, wagombaga kwerekana ubushobozi n’ubuhanga bw’abawubatse, bakazahora baratwa n’abazabakomokaho. {AA 73.3}

Abantu bari batuye mu kibaya cy’i Shinari ntibizeraga isezerano ry’Imana ryavugaga ko itazongera kurimbuza isi Umwuzure. Benshi muri bo ntibemeraga ko Imana ibaho, kandi bakavuga ko Umwuzure watewe n’impinduka zaje mu mikorere y’ibyaremwe. Abandi bizeraga Isumbabyose, kandi ko ari na Yo yarimbuye isi yariho mbere y’Umwuzure; maze nka Kayini, imitima yabo ihagurukira kugomera Imana. Umugambi umwe wo kubaka umunara kwari ukugira ngo nihabaho undi mwuzure batazagira icyo baba. Mu kubaka umunara ufite uburebure busumba aho amazi y’Umwuzure yageze, bibwiraga ko batazongera guhura n’ingorane zose. Kandi ubwo bazashobora kuzamuka bakagera ku bicu, bizeraga ko bazashobora kumenya icyateye Umwuzure. Ibyo byose babikoreye kwishyira hejuru no gukuza ubwibone bw’abawuhimbye kugira ngo abazabakomokaho bazatere Imana umugongo, maze bibatere kwishora mu bigirwamana. {AA 73.4}

Igihe umunara wari uri hafi kuzura, igice kimwe abawubakaga bahisemo kugituramo; ibindi bice byari birimbishijwe bihebuje, babiharira ibigirwamana byabo. Abantu banejejwe n’ibyo bagezeho, maze baramya imana zikozwe mu ifeza na zahabu, bamaze kwitandukanya n’Umugenga w’ijuru n’isi. Mu kanya gato, imirimo yagendaga neza ihagarikwa mu buryo butunguranye. Abamarayika batumwe gukoma mu nkokora umugambi w’abo bubatsi. Umunara wari ugeze mu bushorishori hejuru cyane kandi abantu bari hejuru ntibyari bikibashobokera kuvugana n’abari hasi; nuko rero, abantu bashyizwe ahantu hatandukanye, bityo umuntu wakiraga amabwiriza y’igikoresho bakeneye hejuru cyangwa ibindi byerekeye umurimo uri gukorwa, yamenyeshaga umukurikiye. Muri uko guhererekanya ubutumwa, ni bwo ururimi rwanyuranyijwe, maze hagatangwa ibitasabwe. Urujijo no gucika intege nibyo byakurikiyeho. Umurimo wose warahagaze. Ntihongeye kuboneka kumvikana cyangwa gushyira hamwe. Abubakaga ntibashoboye rwose kumenya impamvu idasanzwe yatumaga batumvikana, maze kubera umujinya no gucika intege, buri wese atangira guhererereza icyaha ku wundi. Urwo rudubi rwarangijwe n’imirwano ndetse no kuvusha amaraso. Imirabyo yaturutse mu ijuru yerekana ko Imana itabyishimiye maze isenya igice cyo hejuru bari bamaze kubaka kirarindimuka. Abantu bagombaga kumva ko hari Imana mu ijuru itegeka. {AA 73.5}

Kugeza icyo gihe abantu bose bavugaga ururimi rumwe; noneho abashoboraga kumvikana mu mvugo bifatanyiriza hamwe maze abandi baratatana. “Uwiteka abatatanyiriza ku isi yose.” Uko gutatana kwari uburyo bwo gutuza abantu ku isi yose; n’uko umugambi w’Imana wuzurishwa uburyo abantu bari barakoresheje ngo

bawubuze gusohora. {AA 74.1}

Ariko mbega igihombo ku bashaka kubangamira Imana! Imana yari yagennye ko uko ibihe bizajya biha ibindi abantu bajya gutura hirya no hino, bazajya bahererekanya ubumenyi bw'ubushake bwayo, kandi umucyo w'ukuri ujye urasira abazabakomokaho. Nowa, wari indahemuka mu kubwiriza ibyo gukiranuka, yamaze imyaka magana atatu na mirongo itanu nyuma y'Umwuzure, kandi abamukomotseho bagize amahirwe yo gutozwa ibyo Imana ishaka n'amateka y'uburyo yabanye na ba sekuruza. Nyamara ntibagize ubushake bwo kumva uko kuri; ntibigeze bifuza gushyira Imana mu ntekerezo zabo; maze mu rudubi rw'indimi barimo, rwari rugeze ahakomeye, bagirira nabi ababagezagaho umucyo. {AA 74.2}

Abubatsi ba Babeli bagize imitima yo kwivovotera Imana. Aho kwibuka no gushimira Imana imbabazi yagiriye Adamu, n'isezerano ryo kugira neza kwayo yagiranye na Nowa, binubye bavuga ko igira nabi kuko yirukanye Adamu na Eva muri Edeni, kandi ikarimbuza isi Umwuzure. Igihe bivovoteraga Imana ko idashyira mu gaciro kandi ihana yihanukiriye, bari bemeye amategeko y'umunyagitugu w'umugome. Satani yashakaga gusuzuguza no gutesha agaciro ibitambo byatangwaga ho amaturo, byashushanyaga urupfu rwa Kristo; kandi ubwo ibitekerezo by'ubwo bwoko byari byarahumishijwe n'ibigirwamana, bageze n'aho batanga amaturo adashyitse ndetse batamba n'abana babo ku bicaniro by'imana zabo. Ubwo abantu bari bamaze gutera Imana umugongo, imico mvajuru — ubutabera, ubutungane n'urukundo — byakuwe n'ikandamiza, ubwicanyi n'inabi. {AA 74.3}

Abantu b'i Babeli biyemeje gushinga ubutegetsi butagize aho buhuriye n'Imana. Muri bo harimo abatinyaga Imana, nyamara bagacibwa intege n'ibikangisho by'abatubaha Imana, maze bajya mu murongo umwe na bo. Kubera izo ndahemuka, Imana ntiyihutiye guca urubanza, maze iha abantu igihe cyo gushyira ahagaragara imico nyakuri yabo. Igihe ibyo byakorwaga, abana b'Imana baharaniye gukura abatumvira mu migambi yabo; nyamara abantu bari bahugiye mu gufatanyiriza hamwe gukora ibikorwa byo kubahuka Imana. Iyo baza kubona urwaho, bajyaga guhindura isi urudubi ntaho iragera. Ukwishyira hamwe kwabo kwari gushingiye mu kwigomeka; ubwami bwashyiriweho kwishyira hejuru, ariko Imana ntibugiremo uruhare cyangwa ngo ihabwe icyubahiro muri bwo. Iyo uko kwishyira hamwe kuza kubakundira, ububasha bukomeye bwari kuvanaho gukiranuka kandi kubera bwo, amahoro, umunezero n'umutekano, ntibyari kuzongera kubaho mu isi. Kuko ibyarangaga ijuru, aribyo "ubuziranenge, ubutabera no kugira neza" (Abaroma 7:12), abantu bajyaga kubisimbuza amategeko ajyanye n'umugambi wabo w'inarijye n'ubugome byo mu mitima yabo. {AA 74.4}

Abubahaga Imana batakiye Imana kugira ngo ibagoboke. "Maze Uhoraho amanukira

kugira ngo arebe umujyi n’umunara abana b’abantu bubakaga.”Kubwo kugirira neza isi, Uwiteka yarogoye imigambi y’abubatsi b’umunara maze asandaza ibyo bishingikirizagaho. Kubwo imbabazi, yasobanyije indimi zabo, noneho iba ikomye mu nkokora imigambi yabo yo kwigomeka. Imana yihanganira cyane ubuyobe bw’abantu, ikabaha amahirwe yo kwihana; ariko yita cyane kubyo bakoresha banga kwemera ubuyobozi bwayo bukiranuka n’amategeko yayo azira inenge. Uko ibihe bihaye ibindi, ukuboko kutagaragara gufashe ubudahangarwa bw’ubutegetsi kubangurirwa gukuraho gukiranirwa. Ibyo bigahamywa n’uko Umuremyi w’ijuru n’isi, Uwo ubwenge, urukundo n’umunyakuri bitarondoreka, ni We Mugenga w’ijuru n’isi, kandi ntawe ubasha kubuza imbaraga ye guhana. {AA 75.1}

Imigambi y’abubatsi ba Babeli yashoreshejwe gukorwa n’isoni no guhindurwa ubusa. Icyo gishushanyo cy’ubwibone bwabo cyahindutse urwibutso rw’ubusazi bwabo. N’ubu kandi, abantu bakomeje gukurikirana nk’ibyo abo muri icyo gihe — bishingikiriza ku narijye, maze bakanga amategeko y’Imana. Iryo ni ryo hame Satani yagerageje gukoresha mu ijuru; ari na ryo ryaranze Kayini ubwo yajyanaga ituro rye. {AA 75.2}

No muri iki gihe cyacu hari abubaka imiturirwa y’iminara. Abatizera bashyiraho amahame ajyanye n’ubumenyi mu bya siyansi, maze bakirengagiza ijambo ry’Imana. Bihandagaza guciraho iteka imico y’ubuyobozi bw’Imana; basuzugura amategeko yayo maze bakirata ko ubwenge bwabo bwihagije. Noneho, “iyo umugizi wa nabi adahanwe vuba, abantu barushaho gukora ibibi.” Umubwiriza 8:11. {AA 75.3}

Muri iyi si, abavuga ko ari Abakristo, benshi batera umugongo inyinyisho za Bibiliya maze bakihimbira imyizerere ishingiye ku bibanezeza, maze bakerekeza ku munara wabo ari bwo buryo bwo kuzamuka ngo bagere mu ijuru. Abantu bahugira mu kumva ibiva mu kanwa k’inshyanutsi mu gihe yigisha ko abanyabyaha batazapfa, ko umuntu ashobora kubona agakiza atagombye kubahiriza amategeko y’Imana. Niba abavuga ko ari abayoboke ba Kristo bemeraga urugero rw’Imana, byatuma bagira ubumwe; ariko igihe cyose ubwenge bw’umuntu buzasumbishwa Ijambo ry’Imana rizira inenge, ntihazabura kubaho kwicamo ibice no kutumvikana. Urudubi rw’amakimbirane adashira biriho n’udutsiko bigaragaza “Babuloni”, ariyo ubuhanuzi bwagaragaje ko ari amatorero yo mu minsi y’imperuka akunda iby’isi (Ibyahishuwe 14:8; 18:2). {AA 75.4}

Benshi bashaka kwishyiriraho ijuru ubwabo babinyujije mu gushaka ubutunzi n’ibyubahiro. “Basuzugura abandi ndetse bagacura inama zo kubagirira nabi, ubwirasi bubatera gukandamiza abandi” (Zaburi 73:8), bagasiribanga uburenganzira bwa muntu kandi bakirengagiza ubutegetsi bw’ijuru. Abirasi bashobora kugira igihe bafite imbaraga, bagahirwa mu byo bakora byose; ariko ku iherezo, bagasarura gucika intege n’ubutindi. {AA 76.1}

Imana irimo gukora iperereza. Isumbabyose izamanuka kugira ngo irebe ibyo abana

b’abantu bubatse. Imbaraga yayo itavogerwa izahishurwa; kandi imirimo y’ubwibone y’abantu izashyirwa hasi. “Uhoraho yitegereza ari mu ijuru, aritegereza akabona bene muntu bose, aho ari aganje aritegereza, aritegereza akabona abatuye isi bose.” Uhoraho apfobya imigambi mibi y’amahanga, ibyo abayatuye bagambirira abiburizamo. Ariko imigambi y’Uhoraho ntivuguruzwa, ibyo agambiriye bihoraho uko ibihe bihaye ibindi.” Zaburi 33:13, 14, 10, 11.

{AA 76.2}

IGICE CYA 11 - UMUHAMAGARO WA ABURAHAMU

(Iki gice gishingiye mu Itangiriro 12)

Nyuma yo gutatana kw’ab’ i Babeli, gusenga ibishushanyo byongeye kugwira hose, maze Uwiteka na we ageza ubwo abihorera bakomeza kugendera mu nzira zabo mbi, maze itoranya Aburahamu wo mu muryango wa Shemu, imugira umurinzi w’amategeko yayo kugira ngo abo mu bisekuruza bizakurikiraho bayumvire. Aburahamu yari yarakuriye hagati y’abakora iby’ubupfumu n’ubupagani. Ndetse no mu rugo rwa se, uwo Imana yari yarazigamiye kumenya ibyayo, batwawe n’imico y’abari babakikije, maze “bakorera izindi mana” bazirutisha Yehova. Nyamara kwizera nyakuri ntikwagombaga kuzima. Imana yakomeje kurinda abasigaye kugira ngo bayikorere. Adamu, Seti, Henoki, Metusela, Nowa ndetse na Shemu, uko bakurikirana, bari barateguriwe gukomeza ibyahishuwe bitangaje by’ubushake bwayo uko ibihe bihaye ibindi. Umuhungu wa Tera yabaye umuragwa w’ibyo byizerwa biziranenge. Yararikirwaga gusenga ibigirwamana ariko biba ibyo ubusa. Indahemuka hagati y’abahemu, Aburahamu yirinze gutwarwa n’ubuhakanyi ahubwo akomeza gusenga Imana ashikamye. “Uwiteka aba bugufi bw’abamutakambira bose, abamutakambira babikuye ku mutima.” Zaburi 145:18. Uwiteka yamenyesheje Aburahamu ubushake bwe kandi amuha ubwenge bwo kumenya amategeko ye n’agakiza kajyaga kuzurizwa muri Kristo. {AA 77.1}

Aburahamu yahawe isezerano ry’igikundiro ku bantu bo muri icyo gihe, ku zakomokwaho n’urubyaro rutabarika ndetse no kuba ishyanga rikomeye: “Nzaguhindura ubwoko bukomeye, nzaguha umugisha, nzogeza izina ryawe, uzabe umugisha.” Kuri ibyo hongerwaho ihame ry’agahebuzo ryo kuba umuragwa w’ibyo kwizerwa, ko mu bamukomokaho ariho Umucunguzi w’isi azava: “kandi muri wowe ni

mo imiryango yose yo mu isi izaherwa umugisha.” Ariko mbere yuko aya masezerano asohozwa, kwizera kwe kwagombaga kugeragezwa; hari icyo yasabwaga gutanga nk’igitambo. {AA 77.2}

Imana ituma kuri Aburahamu iti, “Va mu gihugu cyanyu, usige umuryango wanyu n’inzu ya so, ujye mu gihugu nzakwereka.” Kugira ngo Imana ibashe kumubona ko ashyitse, nk’ukwiriye gukomeza umugambi wayo, Aburahamu yagombaga kwitandukanya n’imigenzereze yo mu gihe cya mbere. Bene wabo ndetse n’inshuti ze bajyaga kubangamira ibyo Uwiteka yari yateganyije kumwigisha. Noneho ubwo Aburahamu yari agize indi myumvire, afitanye umushyikirano n’ijuru, yagombaga kuguma mu banyamahanga. Imibereho ye yagombaga kuba yihariye, itandukanye n’iyo ab’isi bose. Ntiyanashoboraga gusobanura ibye kugira ngo bagenzi be bamwumve. Iby’umwuka birondoreshwa ibya Mwuka, kandi ibikorwa bye n’impamvu yamuteraga kubikora ntibyashoboraga kumvwa na bene wabo basengaga ibigirwamana. {AA 77.3}

“Kwizera Imana niko kwatumye Aburahamu ayumvira igihe yamuhamagaraga, akimukira mu gihugu yari kuzahabwaho umunani.Nuko agenda atazi iyo ajya.” Abaheburayo 11:8. Kumvira kuzira gushidikanya Aburahamu yagize ni kimwe mu bihamya bishimishije cyane byo kwizera dusanga muri Bibiliya yose. Kuri we, kwizera byari ukwemera ko amaze guhabwa ibyo yari yiringiye kuzabona, kandi kukaba n’igihamya cy’uko ibyo atareba biriho.” Yisunze isezerano ry’Imana, nta na kimwe kigaragara yishingikirijeho, maze ava i wabo no muri bene wabo n’igihugu cy’amavuko, atazi aho Imana imwerekeje. “Kwizera niko kwatumye aba umusuhuke mu gihugu yasezeranyijwe, akaba ‘umushyitsi muri cyo, akaba mu mahema kimwe na Isaka na Yakobo, abaraganywe na we ibyo byasezeranyijwe.” Abaheburayo 11:9. {AA 77.4}

Nticyari ikigeragezo cyoroheye Aburahamu, kandi ntibyanamusabaga ikintu gikomeye. Hari amasano akomeye cyane yashoboraga gutuma agundira igihugu cy’ amavuko, bene wabo, ndetse n’urugo rwe. Ariko ntiyashidikanyije kumvira uwo muhamagaro. Ntiyashatse kubaza ibyerekeye igihugu cy’isezerano — niba ubutaka bwaho burumbuka, cyangwa niba haba ubuzima buzira umuze; niba igihugu gifite ibyiza nyaburanga kandi kizatuma ashobora kurundanya ubutunzi. Imana yari ivuze, kandi umugaragu wayo yagombaga kumvira; kuri we, ahantu heza hanejeje ku isi ni ho Imana yamushakiraga kuba. {AA 78.1}

Abantu benshi barageragezwa nk’uko Aburahamu yageragejwe. Ntibumva ijwi ry’Imana ribabwira rivuye mu ijuru ako kanya, ariko ibahamagarira mu nyigisho z’Ijambo ryayo no mu bitangaza ikora. Bashobora gusabwa kureka ibyajyaga kubahesha ubukire n’icyubahiro, gusiga imiryango yabo n’ibindi byari kubazanira inyungu, ndetse no gutandukana na bene wabo, maze bakinjira ahasa n’inzira yo kwizinukwa, kugeragezwa no kwitanga. Imana yari ifite umurimo ishaka kubakoresha;

ariko imibereho yoroshye ndetse n’inshuti n’abavandimwe byashoboraga gutuma batabasha kuwukora. Yasabye Imana kumurinda kugira ngo hatagira umuntu wabyitambikamo, no kuyoborwa nayo bakumva ariyo batezeho amakiriro, kandi bakishingikiriza kuri Yo yonyine, kugira ngo ibashe kubihishurira ubwayo. {AA 78.2}

Ni nde witeguye kwitaba uguhamagara kw’Imana akazinukwa ibyo yari agamije gukora n’ibyo yari yarirunduriyemo? Ni nde uzemera inshingano nshya, akinjira mu byo atari azi, agakora umurimo w’Imana amaramaje kandi afite umutima ukunze, maze kubwa Kristo, akemera guhomba ibye? Uwemera gukora ibyo aba afite kwizera nk’ukwa Aburahamu, kandi azasangira na We rya “kuzo ry’akataraboneka rizahoraho iteka ryose.” “ritabasha kugereranywa n’imibabaro yo muri iki gihe.” 2 Abakorinto 4:17; Abaroma 8:18. {AA 78.3}

Imana yahamagaye Aburahamu ubwa mbere igihe yari muri” Uri y’Abakaludaya,” maze kubwo kumvira ajya i Harani. Nubwo yari agiye kure kungana gutyo, umuryango wa se waramuherekeje, ariko nubwo wari ugifite ibigirwamana, wabifatanyije no gusenga Imana y’Ukuri. Aburahamu arahatura kugeza ubwo Tera yapfuye. {AA 78.4}

Ariko ijwi ry’Imana rimutegeka kugenda akimuka aho igituro cya se kiri. Umuvandimwe we Nahori n’abo mu nzu ye bakomeje kugundira ibyo mu ngo zabo n’ibigirwamana byabo. Uretse Sara, umugore w’Aburahamu, Loti, umuhungu wa Harani wari umaze igihe apfuye, wenyine ni we wahisemo gufatanya n’uwo mukurambere imibereho y’umugenzi wahoraga yimuka. Ryari itsinda rinini risohotse muri Mezopotamiya. {AA 78.5}

Aburahamu yari atunze imikumbi n’amashyo bitabarika, ubukire bwo mu burasirazuba, kandi yari akikijwe n’abagaragu benshi n’ibyegera. Yari asize gakondo, atazagaruka, maze atwara ibyo yari atunze byose, “ubutunzi bwose bari batunze, n’abantu baronkeye i Harani.” Muri abo bose, hari benshi bamukurikiraga atari uko bashaka kumukorera cyangwa bashaka indamu, ahubwo babitewe n’agaciro gakomeye babihaye. Ubwo bari i Harani, Aburahamu hamwe na Sara bayoboye abandi kuramya no gukorera Imana nyakuri. Ibyo byatumye bakomeza kubana n’uwo mukurambere, maze bamuherekeza ajya mu gihugu cy’isezerano. Maze bakomeza bajya mu gihugu cy’i Kanaani; bagerayo.” {AA 79.1}

Aho babanje gutura bwa mbere ni i Shekemu. Aburahamu ashinga amahema ye munsi y’igiti cy’inganzamarumbo ya More, mu kibaya kinini cyane, gifite ubwatsi butoshye, kandi kirimo ibiti by’amatunda n’amasoko adudubiza amazi menshi, hagati y’umusozi wa Ebali na Gerizimu. Cyari igihugu cyiza kandi gishimishije uwo mukurambere yari agezemo - “kirimo imigezi, n’amasoko adudubiza atemba mu bibaya n’imisozi; igihugu cy’ingano, na sayiri, n’imizabibu, n’imitini, n’amakomamanga; igihugu cy’imyerezi n’ubuki.” Gutegeka kwa Kabiri 8:7, 8. Ariko ku bubaha Imana, kuri iyo misozi hari

amashyamba n’ibibaya byarimo amatunda menshi byababeraga igicucu.” Icyo gihe Abanyakanani bari bagituye muri icyo gihugu.” Aburahamu yari ageze ku ntego ye y’ibyo yiringiraga kuko yari abonye igihugu gituwemo n’ubwoko butari buzi Imana kandi cyuzuwemo n’ibigirwamana. Muri ibyo biti by’amatunda ni ho bari barubatse ibicaniro by’ibigirwamana, kandi ibitambo by’abantu byatambwaga kuri iyo misozi ihegereye. Ubwo yari atsimbaraye ku isezerano ry’Imana, ni cyo cyatumye aguma mu mahema ye. “Nuko Uwiteka abonekera Aburahamu, aramubwira ati, “Urubyaro rwawe nzaruha iki gihugu.” Kwizera kwe kwakomejwe n’iryo sezerano yahamirijwe yuko Imana izabana na we, ko atazarekerwa mu maboko y’abagome. “Yubakirayo igicaniro Uwiteka wamubonekeye.” Akomeza kuba umugenzi, bidatinze yimukira hafi y’i Beteli arongera yubaka igicaniro yambaza Uwiteka. {AA 79.2}

Aburahamu, “inshuti y’Imana”, yaduhaye icyitegererezo gikwiriye. Yari afite imibereho iragwa no gusenga. Aho yashingaga ihema rye, yubakaga igicaniro hafi yaho, maze agahamagara abari mu mahema ye bose kuza aho ari ubwo yabaga atamba ibitambo bya mu gitondo n’ibya nimugoroba. Iyo yimuraga ihema rye, igicaniro cyarahagumaga. Mu myaka yakurikiyeho, hari bamwe mu Abanyakanani bemeye amabwiriza ya Aburahamu; kandi igihe cyose bageraga igicaniro, yamenyaga neza uwahageze; kandi iyo yabaga ashinze ihema rye, yasanaga igicaniro maze akaramya Imana y’ukuri. {AA 79.3}

Aburahamu yakomeje kugenda yerekeza mu majyepfo, kandi kwizera kwe kongeye kugeragezwa. Ijuru ryimanye imvura, amazi ntiyongera gutemba mu bishanga, ibyatsi byumira mu bibaya. Amashyo n’imikumbi byabuze urwuri, maze inzara n’inyota bigera ahantu hose bari bakambitse. Mbese uwo mukurambere ntiyari atangiye kwibaza ku isezerano ry’Imana? Mbese aho ntiyasubije amaso inyuma akifuza gusubira muri bya bibaya by’Abakaludaya yahozemo? Bose bari bafite amatsiko, bategereje kureba icyo Aburahamu akora, ubwo icyago cyakurwaga n’ikindi. Igihe cyose babonaga kwizera kwe gushikamye, bumvaga hari ibyiringiro; bari bazi neza ko Imana ari inshuti ye kandi ko ikomeje kumuyobora. {AA 79.4}

Aburahamu ntiyabashaga gusobanura ubuyobozi bw’Ijuru; ntiyabonaga icyo ategerejweho; nyamara yagundiriye amasezerano Imana yamuhaye avuga ngo, “Nzaguha umugisha, nzogeza izina ryawe; uzabe umugisha.” Mu masengesho ye ashikamye, yitaga cyane ku mibereho y’ubwoko bwe n’iyo imikumbi ye, ariko akirinda ko hagira ikintu icyo ari cyo cyose cyahungahanya kwizera yari afitiye ijambo ry’Imana. Kugira ngo ahunge amapfa, yasuhukiye muri Egiputa. Ntiyaretse i Kanaani, cyangwa ngo asubire mu gihugu cy’Abakaludaya aho yari yaraturutse, ahatari habuze ibyo kurya; ahubwo yashatse ubuhungiro bw’igihe gito hafi cyane y’igihugu cy’isezerano, ategereje bidatinze kuzasubira aho Imana yamushyize. {AA 80.1}

Uwiteka, mu burinzi bwe, yazaniye Aburahamu icyo kigeragezo kugira ngo amwigishe kwicisha bugufi, kwihangana, no kwizera — icyigisho cyagombaga kuzahora cyibukwa kugira ngo n'abandi bazabaho hanyuma ye bazashohore kwihanganira imibabaro. Imana iyobora abana bayo mu nzira batazi, ariko ntiyibagirwa cyangwa ngo yirengagize abayiringira. Yemeye ko Yobu agerwaho n'imibabaro, nyamara ntiyamuretse. Yemeye ko Yohana wakundwaga acirwa ku kirwa cya Patimosi aho yari ari wenyine, ariko Umwana w'Imana yamusanze yo, maze iyerekwa rye ryuzurwa n'ikuzo ry'ufite ubugingo budapfa. Imana yemera ko ibigeragezo bigera ku bwoko bwayo, kugira ngo nibashikama kandi bakumvira, babashe gukungahara ubwabo mu by'umwuka, kandi urugero batanze rubashe kuba isoko abandi bakomoraho imbaraga. "Erega nzi ibyo nibwira nzabagirira! Ni amahoro si ibibi, kugira ngo mbareme umutima w'ibyo muzabona hanyuma." Yeremiya 29:11. Ibigeragezo bihungabanya kwizera kwacu cyane ku buryo bisa nk'aho Imana yaturetse, bikwiriye kutwegereza Kristo biruseho, tugashobora gutura imitwaro yacu ku birenge bye maze tukanezezwa n'amahoro azaduha nk'ingurane.

{AA 80.2}

Imana igeragereza buri gihe ubwoko bwayo mu itanura ry'imibabaro. Mu itanura rigurumana, ni mo inkamba zitandukanyirizwa n'izahabu y'ukuri y'imico ya Gikristo. Yesu aba areba ikigeragezo; azi neza ibikenewe kugira ngo icyuma cy'agaciro gitunganywe, maze cyerekane kurabagirana k'urukundo rwe. Ni muri ibyo bigeragezo Imana yigishirizamo abagaragu bayo. Iba ibona ko hari bamwe bafite imbaraga zishobora gukoreshwa mu iterambere ry'umurimo wayo, maze igashyira abo bantu mu igeragezwa; kubwo uburinzi bwayo, ibashyira ahantu hatuma imico yabo igeragezwa, maze ibidatunganye n'intege nke byari bibahishwe bikagaragara. Ibaha amahirwe yo gukosora ibidatunganye kugira ngo babe abantu babereye gukora umurimo wayo. Ibereka intege nke zabo, kandi ikabigisha kwishingikiriza kuri Yo; kuko ariyo Mufasha n'Umurinzi wabo. Ubwo nibwo iba igeze ku ntego yayo. Barigishwa, bagahugurwa kandi bagatozwa gahunda, bategurirwa gusohoza umugambi ukomeye cyane watumye bahabwa ubushobozi. Igihe Imana ibahamagariye kugira icyo bakora, ntibazarira, kandi abamarayika bo mu ijuru bashobora gufatanya na bo umurimo ugomba kurangizwa ku isi. {AA 80.3}

Aburahumu yerekaniye mu Egiputa ko afite intege nke no kudatungana bya kimuntu. Ubwo yahishaga ko Sara ari umugore we, yashidikanyije ku burinzi bw'ijuru, abura ukwizera n'umuhati ari byo byari kuranga imibereho ye. Sara yari umugore w'igikundiro, bituma Aburahamu adashidikanya ko Abanyegiputa bazabenguka uwo munyamahangakazi mwiza maze bakica umugabo we. Yibwiye ko nta kosa yaba afite kubeshya ko Sara ari mushiki we, kuko yari mushiki we kwa se ariko badasangiye nyina. Ariko uko guhisha isano nyakuri bafitanye bwari uburiganya. Gutandukira mu

bijyanye n’ubunyangamugayo ntabwo Imana ibyemera. Muri uko kubura kwizera kwa Aburahamu, yari ashyize Sara mu kaga gakomeye. Umwami wa Egiputa amaze kubwirwa ubwiza bw’uwo mugore, yamutumije iwe mu ngoro kugira ngo amugire umugore we. Ariko Uwiteka, kubwo imbabazi ze nyinshi, yarinze Sara ubwo yahanaga Farawo n’inzu ye. Ku bwo icyo gihano, Umwami yamenye ko yabeshywe maze asubiza Aburahamu umugore we avuga ati, “Icyo wangiriye iki ni iki? Ni iki cyatumye umbwira ko ari mushiki wawe? nanjye nkamuzana nshaka kumugira umugore wanjye: nuko nguyu umugore wawe, mujyane, wigendere.” {AA 81.1}

Aburahamu yagiriye amahirwe atangaje ku mwami; ndetse ntiyari kwemera ko hari icyamugirira nabi cyangwa se abo bari kumwe, yasezereye Aburahamu neza, ariko amusaba kuva mu Egiputa. Kuva ubwo, hashyizweho itegeko ribuza Abanyegiputa kuryamana n’abanyamahanga cyangwa gusangira na bo. Gusezererwa kwa Aburahamu byari amahoro n’ineza; ariko yamusabye kuva mu Egiputa kuko yatinyaga ko yahaguma. Yari agiye guhemukira Aburahamu cyane, ariko Imana ikiza Umwami ntiyakora icyo cyaha gikomeye gityo. Farawo yabonye yuko uwo munyamahanga Imana yari yaramuhaye icyubahiro kandi yatinyaga ko mu gihugu cye habamo umuntu ugendera mu bushake bw’Imana. Iyo Aburahamu aguma mu Egiputa, ubutunzi n’icyubahiro bye byajyaga kugwira maze bigatera Abanyegiputa kumugirira ishyari no kwifuza, bakamugirira nabi, kuko byari kugaragara ko umwami yabigizemo uruhare, maze bikamuteza guhanwa we n’inzu ye. {AA 81.2}

Umuburo Farawo yari yahawe wabereye Aburahamu igihamya cy’uburinzi buri kuri we mu mibanire ye n’ubwoko bw’abapagani; kuko ibyo bitari bikiri ibanga, kandi byagaragaye yuko Imana Aburahamu yasengaga izarinda umugaragu wayo, kandi inabi yose yagirirwa igahorerwa. Ni ishyano guhemukira umwe mu bana b’Umwami w’ijuru. Umunyezaburi yabivuzeho ubwo yerekezaga ku mibereho ya Aburahamu agira ati: “Imana yahaniye abami ko babagiriye nabi; ati: Ntimukore ku bo nasize, ntimugire icyo mutwara abahanuzi banjye.” Zaburi 105:14,15. {AA 81.3}

Hari isano ishimishije y’imibereho ya Aburahamu ari mu Egiputa ndetse n’iyo urubyaro rwe rwakurikiyeho. Bose bagiye mu Egiputa bahunga amapfa, kandi bose babayeyo. Binyuze mu gutinya ko igihano cy’Imana kigera ku Banyegiputa bazira abanyamahanga; bakiriye kuri bo, maze basohoka muri Egiputa bafite ubutunzi bwinshi. {AA 81.4}

IGICE CYA 12 - ABURAHAMU MURI KANANI

(Iki gice gishingiye mu Itangiriro 13-15 ; 17 :1-16 ; 18)

Aburahamu yasubiye i Kanani “akungahaye ku mashyo, ifeza, n’izahahu.” Loti bari bakiri kumwe, na none baza i Beteli, maze babamba amahema yabo. Bidatinze basanze ukwiyongera k’ubutunzi bwabo kuzabazanira ingorane nyinshi. Bari barabanye neza mu bihe by’amakuba n’ibigeragezo, ariko ubutunzi no gukungahara bibazanira akaga k’amakimbirane. Urwuri ntirwari ruhagije amatungo yabo bombi, kandi impaka zazanwaga n’abashumba zagombaga gukemurwa na ba shebuja. Byaragaragaraga yuko bagomba gutandukana. Aburahamu yarutaga Loti mu myaka, akamurusha kumenyana n’abantu, akamurusha ubutunzi ndetse n’icyubahiro; nanone kandi ni we wabanje gutanga igitekerezo cy’ukuntu bakomeza umubano mwiza. Nubwo Imana ubwayo yari yamuhaye igihugu cyose, yahaze ubwo burenganzira bitamubabaje. {AA 82.1}

“He kubaho intonganya hagati yanjye na we, no ku bashumba bacu; kuko turi abavandimwe. Mbese igihugu cyose ntikiri imbere yawe? Ndakwinginze reka dutandukane: nuhitamo kujya ibumoso, nanjye nzajya iburyo; cyangwa nuhitamo kujya iburyo, nanjye nzajya ibumoso.” {AA 82.2}

Aha niho imico myiza n’umutima wo kutikanyiza bya Aburahamu byigaragarije. “Ni bangahe batakomeza kugundira uburenganzira bwabo n’ibyo bakunda biramutse bibagendekeye bityo! Ni ingo zingahe zatanye! Ni amatorero angahe yacitsemo ibice, bigatuma ukuri kugorekwa kandi kugateshwa agaciro mu banyabyaha! Aburahamu aravuga ati, “Reka he kubaho intonganya hagati yanjye nawe, kuko turi abavandimwe;” atari uko byari biturutse gusa ku isano isanzwe, ahubwo bitewe n’uko bose baramyaga Imana y’Ukuri. Abana b’Imana mu isi yose ni umuryango umwe, kandi umutima umwe w’urukundo no gufatanya ni wo ukwiriye kubayohora. “Ku byo gukunda bene Data, mukundane rwose; ku byo icyubahiro, umutu wese ashyire imbere mugenzi we.” Abaroma 12:10. Kandi iyo ni inyigisho y’Umukiza wacu. Kwimenyereza guca bugufi, ubushake bwo kugirira abandi nk’uko twifuza ko batugirira, byakuraho kimwe cya kabiri cy’uburwayi abantu bagira. Umutima wo kwikuza uturuka kuri Satani; ariko umutima urimo urukundo rwa Kristo uzagira ubuntu “buzirikana abandi.” Umutima nk’uwo uzerekeza ku mabwiriza y’ijuru, nk’uko bivugwa ngo “Umuntu wese muri mwe areke kwizirikana ubwe gusa, ahubwo azirikane n’abandi.” Abafilipi 2:4. {AA 82.3}

Nubwo Loti yakeshaga ubutunzi bwe umubano yari afitanye n’Aburahamu, ntiyigeze agaragaza ishimwe k’uwamugabiye. Kwicisha bugufi kwajyaga kumuhatira kureka Aburahamu akaba ariwe uhitamo, nyamara ibiramambu, inarijye yatumye afata ibyo yabonaga byose byajyaga kumuviramo inyungu. “Arambura amaso, abona ikibaya cyo ku ruzi rwa Yorodani cyose kugera i Sowari, uko gitoshye. … cyari kimeze nka bwa busitani bw’Uwiteka, nk’igihugu cya Egiputa.” Ikibaya cyarushaga ibindi byose byo muri Palesitina kurumbuka cyari icya Yorodani, cyibutsaga abakireba Paradizo umuntu yakuwemo, kandi ubwiza n’uburumbuke bwacyo bwasaga n’ubw’ibibaya bitembamo uruzi rwa Nili bari baravuyemo. Hari yo imigi ikize kandi myiza, yakururaga abashoramari. Loti yarangajwe no kubona inyungu z’iby’isi, yirengagiza ibyaha byahakorerwaga. “Abaturage bo muri icyo kibaya bari abagome kandi bagacumura k’Uwiteka bikabije;” nyamara Loti yarabyirengagije, asa nk’aho atabizi, ntiyabiha agaciro cyane. “Yihitiyemo ikibaya cyose cyo kuri Yorodani” maze “yimura ihema rye aherekera i Sodomu.” Mbega ukuntu atatekereje bihagije ku ngaruka ziteye ubwoba z’uko guhitamo yagiranye inarijye! {AA 82.4}

Nyuma yo gutandukana na Loti, Aburahamu yongeye guhabwa isezerano n’Imana ryo guhabwa igihugu cyose. Bidatinze, yimukira i Heburoni, ashinga ihema rye munsi y’igiti cy’inganzamarumbo cya Mamure, ahubaka igicaniro cyo gutambira Uwiteka. Muri iyo misozi yari ifite umwuka mwiza, imirima y’amatunda n’iy’impeke, n’urwuri rugari ruzengurutswe n’imisozi, arahatura, ashimishijwe n’imibereho y’umukurambere icirirtse, maze arekera Loti ibinezeza by’i Sodomu byaganishaga ku irimbukiro. {AA 83.1}

Aburahamu yubahwaga n’amahanga yari amukikije, nk’igikomangoma gikomeye, inararibonye n’umuyobozi ufite ubushobozi. Ntiyabujije abaturanyi be kumwigiraho. Imibereho ye n’imico ye, ugereranyije n’abasengaga ibigirwamana, byari ubuhamya bwiza bwo kwizera nyakuri. Nk’uko umubano we n’Imana utari ufite amakemwa, ni nako gushyikirana n’abantu n’ubuntu yagiraga, byatumye agirirwa icyizere kandi abantu baramukunda, bakanamwubaha. {AA 83.2}

Iyobokamana rye ntiryabonekaga nk’ubutunzi bw’igiciro bwakwifuzwa kurindwa no gushimisha nyiraryo gusa. Iyobokamana nyakuri ntirifatwa gutyo, kuko uwo ari umwuka unyuranye n’amahame y’ubutumwa bwiza. Iyo Kristo atuye mu mutima, ntibishoboka guhisha umucyo umuturukaho cyangwa kuwuzimya. Ibiri amambu, uwo mucyo ukomeza kwiyongera, uko iminsi ihita, igihu cy’inarijye n’icyaha kibuditse ku mutima cyeyurwa n’umucyo wa Zuba ryo Gukiranuka. {AA 83.3}

Abantu b’Imana barayihagarariye ku isi, kandi ishaka ko baba umucyo muri iyi si y’umwijima. Aho batataniye mu bihubu byose, mu mirwa mikuru, mu mijyi, no mu byaro hose, bahinduka abahamya n’imiyoboro Imana imenyekanishirizamo ubushake

n’ibitangaza by’ubuntu bwayo ku batizera. Ni umugambi wayo ko abakiriye agakiza bose bazayivugira. Ukwitanga k’Umukristo ni urugero ruhanitse ab’isi bapimiraho ubutumwa bwiza. Ibigeragezo birimo ukwihangana, imigisha yakiranywe ishimwe, ukwicisha bugufi, ubugwaneza, imbabazi n’urukundo byerekanywe uko bukeye n’uko bwije, ni imuri zimurikira mu mico yabo imbere y’ab’isi, zerekana ko hari itandukaniro riri hagati y’umwijima ukomoka ku narijye y ‘umutima wa kamere. {AA 83.4}

Umukungu mu kwizera, umunyabuntu bitangaje, utaragiraga gushidikanya mu kumvira, kandi akagira ukwicisha bugufi mu mibereho ye nk’umugenzi, Aburahamu yari umunyabwenge mu mibanire ye n’abandi kandi akaba intwari n’umuhanga ku rugamba. Nubwo yari azwi nk’umwigisha w’idini rishya, abahungu b’umwami batatu bategekaga ibibaya by’Abamori aho yari atuye, bamushatseho ubucuti ubwo bamusabaga gufatanya na bo kugira ngo bagire umutwe ukomeye wo kurinda umutekano; kuko icyo gihugu cyari cyuzuyemo urugomo n’ikandamiza. Bidatinze abona uburyo bwo gufatanya na bo. {AA 83.5}

Kedorilawomeri, Umwami wa Elamu, yari amaze imyaka cumi n’ine ateye i Kanani, maze ahagira ingaruzwamuheto. Byinshi mu bikomangoma biramugomera, maze umwami wa Elamu, hamwe n’amahanga ane bari bifatanyije, yongera kugaba igitero mu gihugu hose agira ngo abagarure mu butegetsi bwe, bongere bamuyoboke. Abami batanu b’i Kanaani bashyize hamwe ingabo zabo, bashinga ibirindiro mu kibaya cya Sidimu kugira ngo barwanye icyo gitero, ariko baratsindwa. Umugabane munini w’ingabo uricwa, maze abandi bahungira ku misozi miremire. Abanesheje biraye mu mijyi yo muri icyo kibaya, maze basahura ibintu byinshi ndetse batwara abantu ho iminyago, kandi muri izo mbohe z’intambara, harimo na Loti n’umuryango we.

{AA 84.1}

Aburahamu aho yari yituriye munsi y’igiti cy’inganzamarumbo cya Mamure, atekanye, yaje kubwirwa n’umwe mu bacitse ku icumu ibyerekeye urugamba rwabaye n’ ibyago umuhungu wabo yagize. Ntiyigeze yibuka inabi Loti yamugiriye. Yumva amugiriye impuhwe, maze ariyemeza abona ko akwiriye kumutabara. Agisha Imana inama mbere y’ibindi byose, maze yitegura urugamba. Akoranya ingabo magana atatu na cumi n’umunani zo mu bantu be, abagabo bari baratojwe kubaha Imana, kumukorera kandi bigishijwe no kurwana. Abari baragiranye na we amasezerano yo gutabarana; aribo Mamure, Eshikoli, na Aneri, baramusanga bari hamwe n’ingabo zabo, hanyuma bose bakurikira abari babateye. Abanyelamu n’abo bari bafatanyije bari bakambitse i Dani, ku rugabano rwo mu majyaruguru y’i Kanani. Bari mu byishimo byo gutsinda, nta bwoba bw’uko hari ushobora kubatera, bari bahugiye mu byo kurya no kunywa. Uwo mukurambere yagabanyije ingabo mo imitwe kugira ngo bakwire impande zose, maze babagwa gitumo nijoro. Kuko yabateranye umwete kandi abatunguye kandi

batamwiteguye, arabatsinda. Umwami wa Elamu aricwa, ingabo ze zimarwa n’ubwoba maze ziratatana. Loti n’umuryango we, n’izindi mbohe, babagarurana n’ibyabo byose, kandi batahukana n’iminyago myinshi.

{AA 84.2}

Gutsinda kwa Aburahamu agukesha Imana. Ntabwo uwo mwubaha Mana yari akoreye igihugu umurimo ukomeye gusa, ahubwo yari yerekanye n’uburyo ari umugabo w’ingirakamaro. Byagaragaye ko gukiranuka atari ubugwari, kandi ko idini ry’Aburahamu ryatumye agira ubutwari bwo guhagarara mu kuri no kurenganura abarengana. Igikorwa cye cy’ubutwari cyatumye yamamara mu mahanga abakikije. Yirinze kugira ibintu atwara, ahubwo asaba ko izo mbohe zirekurwa. Ahabaga intambara, iminyago yatwarwaga n’uwatsinze; ariko Aburahamu we yashoje urugamba nta mugambi wo gushaka indonke y’ibintu afite, maze yanga guhemukira abari bagize ibyago, gusa yemera ko abo bari bafatanyije batwara umugabane wabo ubakwiye. {AA 84.3}

Bake gusa, ni bo bajyaga kugaragaza imibereho nk’iyo Aburahamu yagize, baramutse bageragejwe nk’uko yageragejwe. Bake ni bo bajyaga kwihanganira icyo kigeragezo cyo kwibonera ubutunzi banyaze nk’ubwo. Icyitegererezo aduha giciraho iteka kwikunda, n’umutima wo gushaka indonke. Aburahamu yarebaga gusa ubutabera no kwita ku kiremwa muntu. Imyitwarire ye ihamanya n’ibyanditswe ngo, “Ujye ukunda mugenzi wawe nk’uko wikunda.” Abalewi 19:18. Ndahirishirije Uwiteka kumanika ukuboko kwanjye, ni we Mana Isumba byose, nyirijuru n’isi, yuko ntazatwara akadodo cyangwa agashumi k’inkweto ko mu byawe, kugira ngo utibwira uti, ni jye utungishije Aburahamu.” Ntiyari kubakundira gutekereza ko yashoje urugamba agamije kugira ibyo aronka, cyangwa ngo bavuge ko ubutunzi afite aribo yabukomoyeho nk’impano bamuhaye cyangwa ineza bamugiriye. Imana yari yaramusezeraniye kumuha umugisha, ni yo rero ikwiriye guhabwa icyubahiro. {AA 84.4}

Undi waje gusanganira uwo mukurambere watsinze urugamba ni Melikisedeki, umwami w’i Salemu, wazanye umutsima na vino byo kuramira ingabo zitabarutse. ” Nk’umutambyi w’Imana Isumba byose”, asabira Aburahamu umugisha, kandi ahimbaza Imana yabahaye gutsinda ikoresheje umugaragu wayo. Nuko Aburahamu “amuha kimwe mu icumi cya byose.” {AA 85.1}

Aburahamu yisubirira mu mahema ye n’imikumbi ye, ariko umutima we waje guhungabanywa n’ibikerezo by’urucantege. Yari umunyamahoro, akora uko ashoboye kose akirinda intonganya no gushyamirana; maze agira ubwoha bwinshi ubwo yibukaga uburyo yiboneye n’amaso ye urupfu rw’abantu n’inyamaswa bitagira ingano. Ariko nta gushidikanya ko amahanga yari yaratsinze atajyaga kongera kwisuganya agatera Kanaani maze akamwihimuraho. Kuba yari amaze kwinjizwa mu mpaka

zabaga hagati y’ibihugu, imibereho ye irangwa n’amahoro yari gukomwa mu nkorora. Nanone kandi yari atarahabwa Kanaani, ataragira ibyiringiro noneho ko azabyara umuragwa wagombaga kuzasohorezwaho isezerano. {AA 85.2}

Mu nzozi yarose nijoro, yumva ijwi ry’Imana rimubwira riti, “Aburahamu, witinya: ndi ingabo igukingira kandi uzagororerwa ingororano ikomeye cyane.” Ariko umutima we wari uciwe intege cyane n’uburyo yabonaga iryo sezerano atabasha kurishyikira. Yasabye ko yabona ikimenyetso gifatika cy’uko iryo sezerano rizasohora. Ariko se isezerano ryajyaga gusohora rite impano y’umwana w’umuhungu itatanzwe? “Aburahamu aramubaza ati: Mwami Uwiteka kumpa iyo ngororano bizamarira iki kandi ngiye kuzapfa ndi inshike?... “kandi uwavukiye mu rugo rwanjye azaragwa ibyanjye.” Yasabye Imana ngo Eliyezeri umugaragu we w’umwizerwa amubere nk’umuhungu we yibyariye, maze azamurage ibye. Ariko yahamirijwe ko umwana we bwite ari we uzaragwa ibye. Hanyuma ajyanwa hanze y’ihema rye, maze abwirwa kubura amaso ngo arebe inyenyeri zitabarika, zimurika mu kirere; kandi ubwo yabikoraga, yabwiwe n’aya magambo ngo, “Urubyaro rwawe ni ko ruzangana.” “...Aburahamu yizeye Imana, maze bimuhwanyirizwa no gukiranuka.” Abaroma 4:3. {AA 85.3}

Na none uwo mukurambere yasabye ikimenyetso gifatika gihamya ukwizera kwe kandi cyerekana ko abazakurikiraho aribo uwo mugambi w’ubuntu bw’Imana uzuzurizwaho. Uwiteka yemeye kwicisha bugufi kugira ngo agirane isezerano n’umugaragu we, akoresha ubwo buryo nk’uko abantu bari basanzwe babigenza berekana ko biyemeje umugambi ntakuka. Ayobowe n’Uwiteka, Aburahamu yatanze igitambo cy’inyana, ihene n’isekurume y’intama bimaze imyaka itatu bivutse, maze agenda abisaturamo ibice abitondekanya ku buryo butandukanye. Kuri ibyo yongeraho intungura n’inuma bitagabanyijemo ibice. Mu gukora atyo, yanyuze hagati y’ibyo bice byateguriwe gutambwa yicishije bugufi, maze arahirira Imana kuzayubaha by’iteka ryose. Yagumye iruhande rw’ibyo bice byagenewe gutambwa ari maso kandi ashikamye kugeza izuba rirenze, kugira ngo abirinde kononekara cyangwa inkongoro zikabitwara. Izuba rijya kurenga, Aburahamu afatwa n’ibitotsi byinshi; maze “umwijima w’icuraburindi uraza uramutwikira, ariko ashigukira hejuru ubwoba buramutaha.” Kandi yumvise ijwi ry’Uwiteka rimubwira ko adakwiriye kwibwira yuko azahabwa igihugu cy’isezerano vuba, kandi yerekwa imibabaro abazamukomokaho bazagira mbere y’uko batuzwa muri Kanani. Yahishuriwe umugambi wo gucungurwa, binyuze mu rupfu rwa Kristo, ari We gitambo gikomeye, kandi ahishurirwa uburyo Kristo azaza afite ikuzo. Aburahamu yabonye nanone isi yongera guhabwa ubwiza nk’ubwa Edeni, kugira ngo ayihabwe ho gakondo y’iteka ryose, aribyo gusohozwa kw’isezerano. {AA 85.4}

Nk’igihango cy’isezerano Imana igiranye n’abantu, icyotero gicumbeka n’ifumba y’umuriro ugurumana byanyuze hagati y’ibyo bisate by’amatungo byateguriwe gutambwa, maze urabikongora byose. Maze nanone Aburahamu yongera kumva ijwi

rimuhamiriza ko urubyaro rwe ruhawe Kanaani ho impano, « uhereye ku ruzi rwa Egiputa ukageza ku ruzi rwa Ufurate. ” {AA 86.1}

Igihe Aburahamu yari amaze hafi imyaka makumyabiri n’itanu muri Kanani, Uwiteka yaramubonekeye aramubwira ati, “Ndi Imana Ishoborabyose; ujye ugendera imbere yanjye utunganye.” N’icyubahiro cyinshi, uwo mukurambere yikubita ku birenge bye, maze akomeza kumva ibyo abwirwa: “Dore isezerano ryanjye riri hamwe na we, kandi uzaba sekuruza w’amahanga menshi.” Nk’ikimenyetso cyo gusohozwa kw’iri sezerano, izina rye yitwaga mbere Aburamu, ryahinduwe Aburahamu, bisobanura “sekuruza w’amahanga menshi.” Izina rya Sarayi rihinduka Sara, bivuga “igikomangomakazi;” kuko “azaba nyirakuruza w’amahanga; abami b’amahanga bazakomoka kuri we” kuko ijwi ry’Imana ariryo ribivuze. {AA 86.2}

Ubwo ni bwo Aburahamu yahawe umuhango wo gukebwa “kuba ikimenyetso cyo gukiranuka kwavuye kuri kwa kwizera yari afite atarakebwa.” Abaroma 4:11. Yagombaga kubyubahiriza ndetse n’abamukomokaho bose kugira ngo berekane ko beguriwe umurimo w’Imana kandi batandukanyijwe n’abasenga ibigirwamana, kandi Imana yabemeye ikabagira ubutunzi bwayo bw’umwihariko. Binyuze muri uyu muhango, bari biyemeje ku rwabo ruhande, kuzuza ibisabwa byari bikubiye mu isezerano Imana yagiranye n’Aburahamu. Ntibagombaga gushaka mu miryango y’abapagani, kuko iyo baza kubikora, bajyaga kutubaha Imana n’amategeko yayo azira inenge; bagakora ibyaha by’ayandi mahanga kandi bagakururirwa gusenga ibigirwamana. {AA 86.3}

Imana yahaye Aburahamu icyubahiro gitangaje. Abamarayika bagendanaga na we kandi bakaganira na we nk’inshuti. Ubwo Sodomu yari igiye guhanwa, ntibyahishwe Aburahamu, ahubwo yabaye umuvugizi w’abanyabyaha ku Mana. Ikiganiro yagiranye n’abamarayika kigaragaza icyitegererezo cyiza cyo kwakira abashyitsi. {AA 86.4}

Hari mu cyi ku manywa y’ihangu, uwo mukurambere yicaye ku muryango w’ihema rye, yitegereza uko ikirere gituje, maze abona abagenzi batatu baza bamusanga ariko bakiri kure. Bataragera ku ihema rye, abo bantu atari azi barahagarara nk’abashaka kugira icyo bumvikanaho. Kandi bataramusaba kubagirira neza, Aburahamu aherako ahaguruka bwangu, kuko yabonaga bashaka kwerekeza indi nzira, abirukaho, maze abinginga yicishije bugufi cyane kugira ngo bamukundire baruhukire iwe abafungurire. Ubwe abazanira amazi kugira ngo boge umukungugu wari wabagiye ku birenge mu rugendo. Ashaka ibyo kurya arabaha, kandi ubwo baruhukiraga mu gicucu kirimo amafu, bari biteguye kugirana ikiganiro, maze abahagarara iruhande yicishije bugufi ubwo barimo bishimira iryo cumbi. Icyo yakoze cyo kwicisha bugufi Imana yagihaye agaciro gakomeye cyane bituma cyandikwa mu Ijambo ryayo; kandi nyuma y’imyaka myinshi, icyo gikorwa cy’ubugwaneza cyaje kuvugwa n’intumwa yakoreshwaga na

Mwuka Wera igira ati, “Ntimukirengagize gucumbikira abashyitsi: kuko hari bamwe bacumbikiye abamarayika batabizi.” Abaheburayo 13:2. {AA 86.5}

Aburahamu yabonye ko batatu muri abo bashyitsi bari baturutse kure bananiwe, hashobora kuba harimo Umwe akwiriye kuramya ntabe akoze icyaha. Ariko muri uwo mwanya icyagenzaga izo ntumwa z’Imana cyaramenyekanye. Nubwo bari batumwe kujya gusohoza umurimo w’uburakari, ariko kuri Aburahamu wari umugabo wizera, babanje kumuha umugisha. Nubwo Imana yanga gukiranirwa kandi igahana ibicumuro, ntiyishimira guhora inzigo. Umurimo wo kurimbura ni “inzaduka” kuri yo kuko ari inyarukundo rutarondoreka. {AA 87.1}

“Amabanga y’Uwiteka ayahishurira abamwubaha.” Zaburi 25:14. Aburahamu yari yarubashye Imana na yo imuha icyubahiro ubwo yamugishaga inama, kandi ikamuhishurira imigambi yayo. “Aburahamu namuhisha icyo ngiye gukora?” niko Uwiteka yavuze. “Ubwo gutaka kw’abarega i Sodomu n’i Gomora ari kwinshi, ibyaha byabo bigakabya cyane; ndamanuka ndebe ko bakora ibihwanye rwose no gutaka kw’abaharega kwangezeho; kandi niba atari ko bimeze, ndabimenya.” Imana yari izi neza urugero rw’icyaha cy’i Sodomu; ariko ivuga nk’umuntu kugira ngo ubutabera bwayo bumenyekane. Mbere yo gucira urubanza abanyabyaha, Yo ubwayo yajyaga gusuzuma imigenzereze yabo; iyo bataza kurenga urubibi rw’imbabazi zayo, yajyaga kubaha umwanya wo kwihana. {AA 87.2}

Babiri muri izo ntumwa zivuye mu ijuru barigendeye, basiga Aburahamu wenyine ari kumwe n’Uwo yahise amenya ko ari Umwana w’Imana. Maze uwo mugabo wari ufite kwizera asabira abantu bari batuye i Sodomu. Igihe kimwe yari yarabakijije akoresheje inkota ye, noneho rero yari agiye kubakirisha amasengesho. Loti n’abo inzu ye bari bagituyeyo, kandi urukundo rutikanyiza rwateye Aburahamu kubatabara, abakiza Abanyelamu, noneho arashaka kubakiza iteka ry’umujinya w’Imana, niba ari ubushake bwayo. {AA 87.3}

Yicishije bugufi cyane akomeza kwinginga agira ati” Mpangaye kuvugana n’Umwami wanjye, nubwo ndi umukungugu n’ivu gusa.” Nta kwiyemera no kwirata gukiranuka kwe byari birimo. Ntiyasabye kugirirwa neza yishingikirije ku kumvira kwe, cyangwa ku bwo ibitambo yari yaratambye akora ibyo Imana ishaka. Nk’umunyabyaha ubwe, yasabiye abanyabyaha. Uwo niwo mutima ugomba kuranga abegera Imana bose. Nanone Aburahamu yerekanye kwizera k’umwana usaba se akunda. Yegereye iyo ntumwa yari yamutumweho ivuye mu ijuru, maze asaba abikuye ku mutima. Nubwo Loti yari yarabaye umuturage w’i Sodomu, ntiyafatanyije na bo ibicumuro byabo. Aburahamu yibwiye ko muri uwo mudugudu wari utuwe cyane harimo n’abandi basenga Imana y’ukuri. Ahereye kuri ibyo, arabingingira ati, “Ntibikaguturukeho...kurimburana abakiranutsi n’abanyabyaha:. .. Mbese

umucamanza w’abari mu isi bose yakora ibyo kutabera?” Aburahamu ntiyasabye inshuro imwe gusa, ahubwo yasabye kenshi. Amaze kwemererwa, yarakomeje kugeza ubwo yizezwa ko n’iyo habonekamo abakiranutsi cumi, uwo mudugudu utarimburwa. {AA 87.4}

Urukundo rw’abarimbuka ni rwo rwateye Aburahamu gusenga. Nubwo yangaga ibyaha byari byaramunze uwo murwa, yifuzaga ko abanyabyaha bawurimo bakizwa. Uburyo yari yitaye cyane kuri Sodomu byerekana agahinda tugomba kugirira abanga kwihana. Dukwiriye kwanga icyaha, ariko tukagirira umunyabyaha impuhwe kandi tukamukunda. Ahatuzengurutse hose hari abantu bagana mu irimbukiro, babuze ibyiringiro, bafite ubwoba nk’uko abo i Sodomu byabagendekeye. Uko bukeye n’uko bwije, igihe cy’imbabazi kirangira kuri bamwe. Buri saha bamwe imbabazi zibarangiriraho. Mbese amajwi aburira kandi akingingira umunyabyaha guhunga uko kurimbuka guteye ubwoba ari he? Mbese amaboko aramburiwe umunyabyaha ngo ahunge urupfu ari he? Mbese abamwingingira Imana bicishije bugufi kandi bafite kwizera kudacogora bari he? {AA 88.1}

Umutima w’Aburahamu wari Umutima wa Kristo. Umwana w’Imana ubwe ni Umuvugizi ukomeye cyane usabira umunyabyaha. Uwishyuye ikiguzi cyo gucungura umuntu azi neza agaciro k’umutima w’umuntu. Mu guhangana n’ikibi, cyashakaga guhindanya ibyaremwe bitagira inenge, Kristo yeretse umunyabyaha urukundo rutasobanukira uwo ariwe wese keretse umukiranutsi gusa. Igihe yari ababaye cyane ku musaraba, aremerewe n’umutwaro uteye ubwoba w’ibyaha by’isi yose, yasabiye abamutukaga n’abamwicaga, ati “Data, ubababarire kuko batazi icyo bakora.” Luka 23:34. {AA 88.2}

Kuri Aburahamu byaranditswe ngo “yiswe inshuti y’Imana,” “sekuruza w’abizera bose”. Yakobo 2:23; Abaroma 4:11. Imana yatanze ubuhamya igira iti, “Aburahamu yaranyumviraga, akitondera ibyo namwihanangirije, n’ibyo nategetse n’amategeko yanjye nandikishije, n’ibyo navuze.” Kuko icyatumye mumenya, ari ukugira ngo atege abana be n’abo mu rugo rwe bazakurikiraho kugendera mu nzira y’Uwiteka, bakora ibyo gukiranuka, baca imanza zitabera: kugira ngo Uwiteka azanire Aburahamu ibyo yamuvuzeho.” Cyari icyubahiro gikomeye Aburahamu yahamagariwe, kwitwa se w’ubwoko burinda kandi bugakomeza ukuri kw’Imana yateguriye isi kandi muri we ni mo amahanga yose azaherwa umugisha ubwo Mesiya wasezeranywe azaza. Nyamara uwahamagaye uwo mukurambere yasanze akwiriye. Imana ni Yo ibivuga. Usobanukiwe n’ibyo abantu bibwira, kandi agaha abantu ibibakwiriye aravuga ati, “Ndamuzi.” Nta kintu na kimwe cyabonekaga kuri Aburahamu cyajyaga kubangamira ukuri bitewe n’inarijye. Yagombaga gukomeza amategeko, agaca imanza zitabera kandi agakora ibyo gukiranuka. Ntiyagombaga gutinya Imana ubwe gusa, ahubwo yagombaga no kwita ku byo idini mu nzu ye. Yagombaga kwigisha abo mu muryango we ibyo gukiranuka. Amategeko y’Imana ni yo yagombaga kubera umuyobozi abo inzu

ye. {AA 88.3}

Abo mu rugo rwa Aburahamu basagaga igihumbi. Abayoborwaga n'inyigisho ze zo kuramya Imana imwe, babonaga icumbi mu ihema rye; kandi aho, nko mu ishuri, bahakuraga amabwiriza abategurira kuba abahagarariye ukwizera nyakuri. Birumvikana ko yari afite inshingano ikomeye. Yatozaga abakuru b'imiryango, kandi uburyo yakoreshaga ategeka bukazakoreshwa no mu miryango bazayobora.

{AA 88.4}

Mu gihe cya kera, umugabo ni we wabaga ari umuyobozi kandi akaba n'umutambyi w'umuryango we, kandi yagaragazaga igitsure ku bana be, ndetse n'iyo babaga bamaze kubaka ingo zabo. Abamukomokaho bigishwaga kumubona nk'ubakuriye, haba mu by'idini ndetse no mu buzima busanzwe. Ubu buryo bwo kuyobora hakurikijwe ibisekuru nibwo Aburahamu yihatiye kubigisha, kuko aribwo bwatumaga bakomeza kumenya Imana. Byari ngombwa ko abantu bo mu rugo babumbirwa hamwe, bakubaka urusika rwimira gusenga ibigirwamana byari byarabaye gikwira kandi byarashinze imizi. Aburahamu yakoze uko ashoboye kose ngo arinde abo mu ihema rye, kugira ngo bativanga n'abapagani maze bakabanduza gusenga ibigirwamana, kuko yari azi ko kwimenyereza ikibi bizatuma bava ku mahame bagenderaho. Aburahamu yitaye cyane ku gukumira uburyo bwose bw'imisengere y'ibinyoma, kandi akangurira abantu kurangamira icyubahiro n'ikuzo by'Imana ihoraho kuko ari yo ikwiye kuramywa. {AA 89.1}

Yari gahunda idahubukiwe yakozwe n'Imana ubwayo, gutandukanyiriza kure ubwoko bwayo, kugira ngo butagira aho buhurira n'abapagani, maze ibatuza bonyine, kandi ntibabaranwa n'andi mahanga. Yatandukanije Aburahamu n'umuryango we wasengaga ibigirwamana, kugira ngo uwo mukurambere ashobore kwigisha abo mu rugo rwe ngo batanduzwa n'abo i Mezopotamiya bari babakikije, kandi kwizera nyakuri gushobore gukomerezwa nk'uko bikwiriye mu bazamukomokaho, uko ibihe bihaye ibindi. {AA 89.2}

Uburyo Aburahamu yitaga ku bana be n'ab'urugo rwe byatumye arinda ibyo kwizera kwabo, abatoza kwita ku mategeko y'Imana, nk'amategeko adasanzwe yagombaga kubamenyesha, kandi na bo bakazayamenyesha isi yose. Bose bigishijwe ko bayoborwa n'Imana yo mu ijuru. Ababyeyi ntibagombaga gukandamiza abana babo nk'uko abana batagombaga gusuzugura ababyeyi. Amategeko y'Imana yari yarahaye buri wese inshingano, kandi kuyumvira byonyine byajyaga kubazanira umunezero cyangwa kurama. {AA 89.3}

Urugero rwe rw'imibereho ituje ya buri munsi rwari icyigisho gihoraho. Ubunyangamugayo bwe, ubugiraneza no kutikanyiza bye byatumye ashimwa n'abami,

byanigaragazaga mu rugo. Impumuro nziza yo mu mibereho, ubutungane no gukundwa kw’imico mbonera, byerekanaga ko asabana n’ijuru. Ntiyigeze yirengagiza umuntu wese, bona n’ubwo yaba ari umugaragu wo hasi kurusha abandi. Mu rugo rwe ntihabagamo itegeko rya nyir’urugo n’irindi ry’umugaragu; ngo habe imigenzereze y’abakire n’iy’abakene. Bose bagengwaga n’ubutabera n’urukundo, nk’abaraganywe na we ubugingo ku buntu. {AA 89.4}

“Niwe uzategeka ...ab’inzu ye.” Nta kwirengagiza icyaha hagamijwe guhishira abana be, nta munyantege nke, injiji, nta gutwikira icyaha ngo hagire urengerwa; nta kwirengagiza inshingano agamije kugira uwo akundwakaza, byariho. Abrahamu ntiyatangaga amabwiriza nyakuri gusa, ahubwo yatumaga ubutabera no gukiranuka kw’amategeko bisagamba. {AA 89.5}

Mbega uburyo abantu bake muri iki gihe ari bo bakurikiza urwo rugero! Ababveyi benshi bagira ubuhumyi n’imyumvire yuzuye inarijye, urukundo rw’icyitiriro bigaragarira mu kureka abana bakikorera ibyo bishakiye. Ibyo ni ubugome ku rubyiruko kandi ni uguhemukira isi bikabije. Ukudahana kw’ababyeyi gutera umuvurungano mu miryango no mu bantu muri rusange. Iyo ababyeyi batagira icyo bitaho bituma urubyiruko rwishyiramo ko rukwiriye kwikurikirira ibyo irari ryabo, aho kugendera mu bushake bw’Imana. Nuko bagakura imitima yabo idashaka kugendera mu byo Imana ishaka, bakerekana ko idini nta kamaro, maze uwo mutima ugahererekanywa mu babakomotseho. Nk’uko Aburahamu yabigenje, ababyeyi bakwiye gutegeka abo mu ngo zabo. Mureke kumvira ubuyobozi bw’ababyeyi byigishwe kandi bishyirwemo imbaraga nk’aho ari intambwe ya mbere yo kumvira Imana. {AA 90.1}

Umucyo watanzwe ku byerekeye uko amategeko y’Imana akwiye gufatwa, ndetse bikozwe n’abayobozi b’idini, byazanye akaga gakomeye. Inyigisho zamaze gusakara zivuga ko tutakigengwa n’amategeko y’Imana, ntaho zitaniye n’uburyo gusenga ibigirwamana bihindura imico y’abantu. Abashaka gutesha agaciro amategeko y’Imana azira inenge, baba bahanganye n’ubuyobozi bw’imiryango n’ubwo ibihugu. Ababyeyi b’abanyedini batagendera mu mategeko y’Imana, ntibashobora kuyobora ingo zabo gukomeza inzira z’Uwiteka. Amategeko y’Imana ntabwo aba yagizwe umuyobozi w’imibereho. N’igihe abana bamaze kubaka ingo zabo, ntibumva ko bagomba kwigisha abana babo ibyo bo ubwabo batigeze bigishwa. Ni yo mpamvu hariho ingo nyinshi zitubaha Imana; kandi akaba ari na yo mpamvu ubugoryi bukabije kandi bwakwiriye hose. {AA 90.2}

Keretse gusa igihe ababyeyi ubwabo bazagendera mu mategeko y’Imana bafite imitima itunganye, nibwo bazashobora gutegeka abana babo. Hakenewe ivugurura ryimbitse kandi ryagutse muri ibi. Ababyeyi, abategetsi, bose bakeneye kuvugurura; bakeneye Imana mu ngo zabo. Niba bashaka kubona itandukaniro mu ngo zabo,

bagomba kuzana ijambo ryayo mu miryango yabo kandi rikababera umujyanama. Bakwiye kwigisha abana babo ko ari ijwi ry'Imana ribabwira, kandi ko rigomba kumvirwa nta gukebakeba. Bagomba kwihangana mu gihe bigisha abana babo, bakagira impuhwe kandi ntibarambirwe kubigisha uko bakwiriye kubaho bagamije kunezeza Imana. Abana bava mu rugo nk'urwo, baba bafite urufatiro rudashohora gutwarwa n'umuraba wo kutagira ibyiringiro. Baba baremeye Bibiliya nk'urufatiro rwo kwizera kwabo, kandi bafite urufatiro rutabasha kunyeganyezwa n'umuraba w'ubuhakanyi. {AA 90.3}

Mu ngo nyinshi, gusenga birirengagizwa. Ababyeyi bumva nta kanya na gato ko kuramya Imana haba mu gitondo na nimugoroba. Nta kanya na gato bashobora kumara bashimira Imana kubera imbabazi zayo zitarondorwa — kubwo umugisha wo kubaha izuba, imvura, bituma ibimera bikura, ndetse n'uburinzi bw'abamarayika bayo bera. Nta mwanya bagira wo gusaba ubufasha n'uburinzi mvajuru ndetse no gusaba ko Yesu yaba mu ngo zabo. Bajya ku kazi nk'uko inka cyangwa ifarashi zijya kurisha, nta gatekerezo na mba kerekeye Imana cyangwa ijuru. Bafite imitima y'igiciro cyinshi batagombye kwemerera ko izimira, kuko Umwana w'Imana yatanze ubugingo bwe kugira ngo abacungure; nyamara basa n'abarushwa n'inyamaswa kuyishimira kandi zo zipfa zidafite ibyiringiro byo kuzuka. {AA 90.4}

Nk'uko abakurambere babigenzaga, abavuga ko bakunda Imana bakwiye kubaka igicaniro cy'Imana aho ariho hose bashinze ihema ryabo. Niba harigeze kubaho igihe urugo rwose rwaba urugo rw'amasengesho, ni ubu ngubu. Umubyeyi w'umugabo n'umugore bakwiye kwerekeza imitima yabo ku Mana bisabira ubwabo kandi basabira n'abana babo. Reka umutware w'urugo, nk'umutambyi w'urugo, ashyire ku gicaniro cy'Imana igitambo cya ni mugoroba n'icya mu gitondo, maze umugore n'abana na bo bafatanye gusenga no guhimbaza. Mu rugo nk'urwo Yesu azakunda kuhatinda. {AA 91.1}

Mu rugo rw'Umukristo wese, umucyo utunganye ugomba kuhamurika. Hakwiriye gutemba urukundo rwuzuye imbabazi, ubugwaneza, no kutikunda. Hari ingo iri hame ryashyizwe mu bikorwa - Imana isengerwamo kandi urukundo nyakuri rukaba ari rwo rubagenga. Muri izo ngo, isengesho rya mugitondo na nimugoroba rizamuka rijya ku Mana rimeze nk'umubavu uhumura neza, maze imbabazi zayo n'imigisha yayo bikamanukira abayishaka bimeze nk'ikime cya mu gitondo.

{AA 91.2}

Urugo rurimo gahunda ni ingingo ikomeye cyane yerekana ukuri kw'idini ya Gikristo — ingingo utizera adashobora kugiramo ijambo. Bose bashobora kubona ko hari impinduka mu muryango ishobora kugera no ku bana, kandi ko Imana y'Aburahamu iri kumwe na bo. Niba ingo z'abiyita Abakristo zagiraga isura nyakuri y'Ubukristo, zajyaga

kugira imbaraga ikomeye ihindurira ku gukora ibyiza. Zajyaga kandi kuba “umucyo w’isi.” Imana yo mu ijuru irabwira buri mubyeyi wese w’indahemuka ikoresheje amagambo yabwiye Aburahamu iti, “Kuko icyatumye mumenya, ari ukugira ngo ategeke abana be n’abo mu rugo rwe bazakurikiraho, gukomeza mu nzira y’Uwiteka bakora ibyo gukiranuka, baca imanza zitabera.” {AA 91.3

IGICE CYA 13 - IKIGERAGEZO CYO KWIZERA

(Iki gice gishingiye mu Itangiriro 16; 17:18-20; 21:1-14; 22:1-19)

Aburahamu yari yaremeye isezerano ryo kubona umwana w’umuhungu atagishije impaka, ariko ntiyategereje ko Imana isohoza icyo yavuze igihe yateganyije no mu buryo bwayo. Imana yemeye ko igihe gitinda, kugira ngo isuzume ko Aburahamu yizera ubushobozi bw’Imana, nyamara we ntiyihanganiye icyo kigeragezo. Mu kwibwira ko bidashoboka kuzabyara umwana ashaje, Sara yagize igitekerezo cy’uburyo umugambi w’Imana ugomba gusohozwa, binyuze mu kugira inama Aburahamu ngo afate umwe mu baja be amugire umugore wa kabiri. Ubuharike bwari bwarakwiriye cyane kugeza ubwo busigara butacyitwa icyaha, nyamara byari ukwica amategeko y’Imana kandi byari bibi cyane kuko byahungabanyaga kwera kw’umuryango n’amahoro yawo. Aburahamu amaze kurongora Hagari, ntabwo ari inzu ye yahuye n’ibibi gusa, ahubwo uko ibihe byagiye biha ibindi, ni ko icyo kibi cyakomeje gukurikirana abantu. {AA 92.1}

Amaze gushukwa n’umwanya yari agezemo wo kuba umugore wa Aburahamu, kandi yiringira ko ari we uzaba nyirakuruza w’amahanga akomeye azakomoka kuri Aburahamu, Hagari yishyize hejuru maze arirata, kandi asuzugura nyirabuja. Amahoro yarangwaga muri urwo rugo ahungabanywa n’ishyari. Kuko yahatwaga kumva amaganya yabo bombi, Aburahamu agerageza kongera kubahuza ariko biba ibyo ubusa. Nubwo yinginzwe na Sara kurongora Hagari, Sara yaramuhindutse amuherererezaho amafuti. Yifuzaga kwirukana mukeba we; ariko Aburahamu arabyanga, kuko Hagari yajyaga kuzamubyarira umwana, kandi nk’uko Aburahamu yizeraga cyane, uwo mwana yajyaga kuzaba uw’isezerano. Icyakora kuko yari umuja wa Sara, aramumurekera ngo amwitegekere. Umutima wo kwishyira hejuru wa Hagari ntiwari gutuma adacyahwa kubwo agasuzuguro yagize. “Sarayi ajujubya Hagari kuburyo na we yamuhunze.” {AA 92.2}

Ajya mu butayu aruhukira iruhande rw’iriba, ari wenyine kandi nta n’inshuti afite, marayika w’Uwiteka aramubonekera afite ishusho y’umuntu. Aramuhamagara ati

“Hagari, muja wa Sarayi,” kugira ngo amwibutse uwo ari we ndetse n’inshingano ze, maze amutegeka atya ati, “Subira kwa nyokobuja, wemere ibyo akugirira.” Ariko kandi uko gucyaha kwari kuvanzemo n’amagambo y’iremamutima. “Uwiteka yumvise umubabaro wawe.” “Nzagwiza cyane urubyaro rwawe, ntiruzabarika.” Nk’ikimenyetso gihoraho kizajya kimwibutsa imbabazi agiriwe, yategetswe kwita umwana we Ishimayeli, risobanurwa ngo, ‘Imana irumva.’ Igihe Aburahamu yendaga kumara imyaka ijana y’ubukuru, yongeye guhabwa isezerano ry’uko azabyara umwana w’umuhungu, yizezwa ko uzamuzungura agomba kuba umwana wa Sara. Ariko Aburahamu nanone yari atarasobanukirwa n’isezerano. Yakubise agatima kuri Ishimayeli, akomeza kwizera ko kuri we ariho umugambi w’ubuntu bw’Imana uzasohorezwa. Kubwo urukundo yari afitiye umuhungu we, yaratangaye cyane ati, “Noneho Ishimayeli agomba guhora imbere yawe!” Nanone yongera guhabwa isezerano mu magambo kugira ngo adakomeza kwibeshaya: “Sara umugore wawe azabyara umuhungu; uzamwite Isaka; nanjye nzakomeza isezerano ryanjye na we.” Ntabwo Imana yirengagije gusaba kwa Aburahamu. Uwiteka aravuga ati: “Kandi ibya Ishimayeli, ” “nabyumvise”: “Dore muhaye umugisha,... kandi nzamuhindura ubwoko bukomeye.” {AA 92.3}

Kuvuka kwa Isaka wari utegerejwe igihe kinini kugira ngo ibyiringiro byabo byuzure, kwatumye amahema y’Aburahamu na Sara asabamo umunezero. Nyamara kuri Hagari we, ibyiringiro bye yari atezeho amakiriro byari biyoyotse. Ishimayeli wari umaze kuba umusore, abantu bose babonaga ko ari we uzaragwa ubutunzi bw’Aburahamu kandi akaba n’umuragwa w’imigisha yasezeranyijwe abazamukomokaho. Ubwo rero yari ashyizwe ku ruhande; maze muri kwa gucika intege kwabo, umubyeyi n’umuhungu we banga uwo mwana wa Sara. Ubwo abandi barushagaho kwishima, niko Hagari n’umuhungu we bagiraga ishyari rikabije, kugeza ubwo Ishimayeli ahangara gukwena ku mugaragaro umuragwa w’isezerano ry’Imana. Sara abonye ko amahane ya Ishimayeli azakomeza kubaviramo urwangano, hanyuma yinginga Aburahamu ngo asezerere Hagari na Ishimayeli mu ihema. Uwo mukurambere yagize akaga gakomeye. Mbese ni buryo ki yashoboraga kwirukana Ishimayeli umuhungu we, kandi yaramukundaga cyane? Muri uko gushoberwa kwe, yinginze Imana ngo imuyobore. Uwiteka akoresha marayika wera, amubwira kwemerera Sara ibyo yifuza; urukundo yakundaga Ishimayeli cyangwa Hagari sirwo rwagombaga kumubera igisitaza, kuko ubwo aribwo buryo bwonyine yashoboraga kugarura umunezero n’ubwumvikane mu muryango we. Uwo marayika yamusezeranyije yuko Imana itazareka Ishimayeli, nubwo akuwe mu rugo rwa se; azakomeza kurindwa, kandi agomba gukomokwaho n’ubwoko bukomeye. Aburahamu yumviye ibyo marayika amubwiye, ariko ntibyamubujije gushavura. Umutima w’Aburahamu wari uremerewe n’intimba bitavugwa ubwo yasezereraga Hagari n’umuhungu we. {AA 93.1}

Amabwiriza yahawe Aburahamu ku byerekeye ukwera kw'imibanire y'abashyingiranywe, yagombaga kubera icyigisho abantu b'ibihe byose. Icyo cyigisho gihamya ko uburenganzira n'umunezero w'iyo mibanire bigomba kubumbatirwa n'ubwitonzi bwinshi, nubwo byaba bisaba kwitanga gukomeye. Sara ni we wenyine wari umugore w'isezerano w'Aburahamu. Nta wundi muntu wagombaga kugabana na we ibyo yari afitiye uburenganzira. Yubahaga umugabo we, kandi kubera ibyo agaragara nk'icyitegererezo gikwiriye. Ariko ntiyashakaga ko Aburahamu agira undi akundwakaza, kandi Uwiteka ntiyigeze amucyahira ko ategetse umugabo we kwirukana mukeba we. Aburahamu na Sara, bombi ntibiringiye imbaraga z'Imana, kandi iri ni ryo kosa ryatumye arongora Hagari. {AA 93.2}

Imana yari yahamagariye Aburahamu kuba sekuruza w'abizera, kandi imibereho ye yagombaga kubera abantu bazavuka nyuma ye urugero rwo kwizera. Ariko kwizera kwe ntikwabaye indakemwa. Yerekanye kutiringira Imana ubwo yahishaga ko Sara ari umugore we, kandi na none yemeye gushyingirwa Hagari. Kugira ngo agere ku rugero rushyitse mu kwizera, Imana imuha ikindi kigeragezo cyarushaga ibindi bigeragezo byose umuntu yaba yarahuye na byo gukomera. Mu nzozi nijoro yabwiwe kwerekeza i Moriya, kugira ngo ahatambire umuhungu we ho igitambo cyoswa ku musozi azerekwa. {AA 93.3}

Ubwo Aburahamu yahabwaga iryo tegeko, yari amaze imyaka ijana na makumyabiri. Yari amaze kuba umusaza, ndetse n'abo mu rungano rwe babibona. Mu myaka ye ya mbere, yari umunyambaraga ashobora kwihanganira amakuba no guhangana n'ingorane, ariko noneho ubusore bwari bwarashize. Iyo umuntu akiri muto, ashobora kugira ubutwari mu ngorane no mu bimubabaza byatuma umutima we ukuka mu mibereho ye y'ahazaza, igihe azaba ageze mu zabukuru. Ariko Imana yari yarateganyije ko ikigeregezo cyayo kirusha ibindi gukomera kizagera kuri Aburahamu ubwo azaba ageze mu zabukuru, yumva ko akwiriye kuruhuka imiruho n'imihati. {AA 94.1}

Uwo mukurambere yari atuye i Berisheba, agoswe n'ubukungu n'icyubahiro. Yari akize cyane kandi abategetsi b'icyo gihugu bamuhaga icyubahiro cy'igikomangoma gikomeye. Ibihumbi by'imikumbi n'amashyo byari binyanyagiye mu bibaya ahitaruye ihema rye. Kuri buri ruhande, habaga hari amahema y'abashumba be, n'ayo abagaragu be amagana y'indahemuka. Umwana w'isezerano yakuriye iruhande rwe. Ijuru ryari rimeze nk'iryambitse ikamba ry'umugisha imibereho yitanga kugira ngo izashobore kwihanganira ingorane. {AA 94.2}

Ku bwo kumvira yakeshaga kwizera, Aburahamu yari yaravuye mu gihugu cyabo, asiga ibituro bya ba sekuruza ndetse na bene wabo. Yazerereye nk'umwimukira mu gihugu yarazwe. Yari yarategereje igihe kirekire kuvuka k'umuragwa w'isezerano. Kubwo

itegeko yari yahawe n’Imana, yari yarirukanye umuhungu we Ishimayeli. Maze noneho, igihe umwana yifuje igihe kirekire abaye umusore, uwo mukurambere ageze aho ashobora gusobanukirwa neza ibyiringiro bye, nibwo ikigeragezo kiruta ibindi byose yigeze guhura nabyo cyamugezeho. {AA 94.3}

Itegeko ryatanzwe mu magambo rigomba kuba ryarateye umutima w’uwo mukarambere agahinda: “Jyana umwana wawe, umwana wawe w’ikinege ukunda Isaka,... umuntambireho igitambo gikongorwa n’umuriro.” Isaka yari umucyo w’urugo rwa se, uwagombaga kumara agahinda ubusaza bwe, ariko ibirenze ibyo byose, umuragwa w’isezerano ry’umugisha. Kubura umwana nk’uwo by’amarabira cyangwa se bitewe n’indwara byari kuba ari nko gutwara ubugingo bw’uwo mubyeyi; byari kumutera kubika umutwe wuzuye imvi kubwo intimba; nyamara yari ategetse kuvusha amaraso y’uwo mwana n’ukuboko kwe. Kuri we, byasaga nk’ikintu giteye ubwoba kidashoboka. {AA 94.4}

Satani yari yiteguye kumwumvisha ko ibyo yabwiwe ari ibinyoma, kuko itegeko ry’Imana rivuga riti, “Ntukice,” kandi Imana ntiyategeka ko icyo yabuzanyije gikorwa. Asohotse mu ihema rye, Aburahamu yitegereje uko ikirere gikenkemuye, maze yibuka rya sezerano yahawe mu myaka isaga mirongo itanu, ko urubyaro rwe rwajyaga kutazabarika nk’inyenyeri. Niba iryo sezerano ryaragombaga kuzasohorezwa muri Isaka, yajyaga kwicwa ate? Aburahamu yiyumvishije ko ashobora kuba yizera ibinyoma. Muri uko gushidikanya no gucika intege, yunamye hasi ku butaka maze asenga uko atigeze asenga mu mibereho ye, kugira ngo Imana imwemeze ibyo iryo tegeko, niba agomba kuzuza izo nshingano ziteye ubwoba. Yibutse abamarayika bari boherejwe kumumenyesha umugambi w’Imana wo kurimbura i Sodomu, kandi banafite ubutumwa bw’isezerano ry’uwo muhungu we Isaka, maze ajya aho kenshi yajyaga ahurira n’izo ntumwa zivuye mu ijuru, yizera ko bakongera kuhahurira, kugira ngo bamuhe andi mabwiriza; nyamara nta n’umwe waje kumuhumuriza. Umwijima wasaga n’umubundikiye; ariko yumva itegeko ry’Imana rimubwira ngo: “Jyana umwana wawe, umwana wawe ukunda w’ikinege Isaka.” Iryo tegeko ryagombaga kubahirizwa, kandi ntiyatinze kurishyira mu bikorwa. Bwari bugiye gucya, kandi yagombaga kuba ari mu nzira agenda.

{AA 94.5}

Asubiye mu ihema rye, yagiye aho Isaka yari aryamye ashyizweyo bya gisore, kandi ntacyo yitayeho. Se yamaze akanya yitegereza mu maso h’igikundiro h’umuhungu we, maze asubira inyuma ahinda umushyitsi. Asanga Sara na we wari usinziriye. Mbese yagombaga kumukangura kugira ngo yongere guhobera umwana we? Ese yagombaga kumubwira icyo Imana yamusabye gukora? Yifuzaga kumutura umutwaro wari mu mutima we kugira ngo bafatanye iyo nshingano yari iteye ubwoba; ariko abuzwa

n’ubwoba bw’uko Sara ashobora kutamwemerera. Isaka yari ibyishimo bye n’ishema rye; ni we yari atezeho amakiriro, kandi urukundo rwa kibyeyi rwashoboraga gutuma yanga icyo gitambo. {AA 95.1}

Aburahamu yageze aho akangura umuhungu we, amubwira ko yategetswe gutanga igitambo ku musozi wa kure. Isaka yari asanzwe ajyana na se gusengera kuri bimwe mu bicaniro binyuranye yibukaga, maze icyo yari ahamagariwe nticyamutangaza. Imyiteguro y’urugendo yakozwe bwangu. Bategura inkwi bazihambira ku ndogobe, maze bajyana n’abagaragu babiri. {AA 95.2}

Muri urwo rugendo, uwo mubyeyi n’umuhungu we bari batuje. Uwo mukurambere, wagendaga atekereza ku ibanga ryari riremereye, yabuze umutima wo kugira icyo avuga. Ibitekerezo bye byari kuri nyina wa Isaka wamukundaga cyane kandi wamwirataga, n’umunsi yasubiye imbere ya Sara ari wenyine. Yari azi neza ko niyica umuhungu we, uwo mushyo uzahuranya n’umutima wa nyina. {AA 95.3}

Uwo munsi, ari na wo wabaye muremure kurusha indi yose mu mibereho y’Aburahamu, wari ugeze mu masaha ya nyuma, ariko na yo agenda buhoro cyane. Igihe umuhungu we na ba bagaragu bari basinziriye, Aburahamu yaraye asenga, agifite ibyiringiro ko hagira intumwa y’Imana yaza kumubwira ko icyo kigeragezo gihagije, ko uwo mwana yakwisubirira imuhira nta cyo abaye, agasanga nyina. Ariko nta humure umutima we wari ushengutse wabonye. Habaye undi munsi muremure, irindi joro ryo kwicisha bugufi no gusenga, nyamara akomeza kumva itegeko ryo kumusiga nk’incike ricyumvikana mu matwi ye. Satani yari hafi kugira ngo amwongorere, amuteze gushidikanya no kutizera, ariko Aburahamu atsinda imigambi y’umubisha. Ubwo bari bagiye gutangira urugendo rw’umunsi wa gatatu, uwo mukurambere areba mu cyerekezo cya ruguru, abona ikimenyetso yari yarasezeranyijwe, ari cyo gicu cy’ikuzo kibundikiye umusozi wa Moriya, maze amenya ko rya jwi yari yumvise ryari rivuye mu ijuru. {AA 95.4}

Ndetse n’icyo gihe ntiyivovoteye Imana, ahubwo umutima we wakomejwe no kwishingikiriza ku bitangaza by’ubugiraneza n’ubudahemuka byayo. Uwo muhungu bari baramuhawe batabyiteze; mbese uwatanze iyo mpano y’igiciro cyinshi ntiyari afite uburenganzira bwo kuyisubiza? Hanyuma ku bwo kwizera, arongera yibuka rya sezerano ngo, ‘Kuri Isaka ni ho urubyaro ruzakwitirirwa” urubyaro ruzangana n’umusenyi wo ku nyanja. Isaka yavutse mu buryo bw’igitangaza; mbese imbaraga yamuhaye ubugingo ntiyajyaga no kubumusubiza? Arebye ibirenze ibigaragara, Aburahamu asobanukirwa n’ amagambo y’Imana ngo: “...Imana ibasha ndetse kuzura n’abapfuye, ni cyo cyatumye amugarurirwa nk’uzutse.”Abaheburayo 11:19. {AA 95.5}

Nyamara, uretse Imana gusa, nta wundi washobora gusobanukirwa n’uburyo habayeho kwitanga gukomeye ngo uwo mubyeyi w’umugabo yemere ko umuhungu we

apfa; Aburahamu yifuzaga ko, usibye Imana, nta wundi wari ukwiriye kuba ahari ngo abe umuhamya w'ibyo. yasabye abagaragu be gusigara inyuma ati, "Musigarane hano indogobe jye n'uyu muhungu tujye hirya hariya dusenge, turagaruka." Isaka yikoreye inkwi, se atwara umushyo n'umuriro, maze bombi bazamuka bagana mu mpinga y'umusozi, uwo mwana w'umusore yibazaga bucece aho igitambo kiri buturuke. Bigeze aho uwo musore aravuga ati, "Data, ko mbona umuriro n'inkwi, ariko umwana w'intama w'igitambo cyo koswa uri he?" Mbega ikigeragezo! Mbega ukuntu ijambo ry'urukundo "Data," ryashenguye umutima w'Aburahamu! Igihe cyari kitaragera, ntiyari guhita abimubwira. Aburahamu aramusubiza ati, "Mwana wanjye, Imana iri bwishakire umwana w'intama w'igitambo cyo koswa." {AA 96.1}

Bagezeyo, bubaka igicaniro maze bashyiraho inkwi. Hanyuma mu ijwi rihinda umushyitsi, Aburahamu ahishurira umuhungu we ubutumwa Imana yari yabatumyeho. Isaka amenye ibigiye kumubaho, bimutera ubwoba bwinshi kandi biramutangaza, ariko arabyemera. Yajyaga gushobora gucika iyo abishaka, uwo musaza wari wacogojwe n'intimba yari amaranye iminsi mibi cyane itatu, ntiyajyaga kubuza uwo musore w'umunyambaraga gukora icyo yishakiye. Ariko Isaka yari yaratojwe, uhereye mu buto bwe, kumvira atajuyaje, kandi ubwo yamenyeshwaga umugambi w'Imana, yemeye ubwo bushake yicishije bugufi. Yafatanyaga n'Aburahamu kwizera, kandi yumvaga bimwubahishije guhamagarirwa gutanga ubugingo bwe ngo butambirwe Imana. Yagerageje koroshya intimba ya se, maze atiza imbaraga amaboko ya se wari utagishoboye guhambira imigozi ngo amushyire ku gicaniro. {AA 96.2}

Noneho amagambo y'urukundo aheruka arayabwirwa, amarira ya nyuma aragwa, bahoberana ubuheruka. Se azamura wa mushyo ngo asogote umuhungu we, igihe ukuboko kwari kukiri mu kirere, ako kanya marayika w'Imana amuhamagara ari mu ijuru ati, "Aburahamu, Aburahamu!" Nawe yitaba bwangu ati, "Karame." Yongera kumva rya jwi rigira riti, "Nturamburire ukuboko kuri uwo muhungu, kandi ntugire icyo umutwara: kuko ubu menye ko wubaha Imana, kuko utanyimye umwana wawe w'ikinege." {AA 96.3}

Nuko Aburahamu yubura amaso abona "imfizi y'intama yafashwe mu bihuru," maze yihutira kuyizana, ayitamba "mu cyimbo cy'umuhungu we." Anezerewe kandi ashima Imana, yita izina rishya aho hantu hera "Yehova yire," "Uwiteka azatanga ibikenewe." {AA 96.4}

Ku musozi wa Moriya, Imana yongera kuvugurura isezerano ryayo, ibihamisha indahiro ko izaha imigisha Aburahamu n'urubyaro rwe: "Ndirahiye, ni ko Uwiteka avuga, ubwo ugenjeje utyo ntunyime umwana wawe w'ikinege, . . . no kuguha umugisha nzaguha umugisha, no kugwiza nzagwiza urubyaro rwawe ruhwane n'inyenyeri zo mu ijuru, kandi ruhwane n'umusenyi wo mu kibaya cy'inyaja, kandi ruzahindura amarembo

y’ababisha barwo; kandi mu rubyaro rwawe ni mo amahanga yose yo mu isi azaherwa umugisha; kuko wanyumviye.” {AA 96.5}

Umurimo wo kwizera w’Aburahamu ni nk’inkingi y’umucyo, imurikira inzira y’abagaragu b’Imana uko ibihe bihaye ibindi. Aburahamu ntiyigeze ashaka urwitwazo ngo adakora ubushake bw’Imana. Muri urwo rugendo rwamaze iminsi itatu, Aburahamu yari afite igihe gihagije cyo gutekereza ku by’Imana yari yamubwiye, kutizera Imana, ndetse akaba yayishidikanyaho bibaye ngombwa. Yajyaga gutekereza ko gusogota umuhungu we ngo amutambe byajyaga kugaragara nk’aho ari umwicanyi, akaba Kayini wa kabiri; bigatuma ibyo yigishaga byangwa kandi bigasuzugurwa, maze bikangiza ubushobozi bwe bwo kugirira neza bagenzi be. Kuba yari ashaje byajyaga kumubera urwitwazo rwo kutumvira. Ariko uwo mukurambere ntiyashatse urwitazo urwo ari rwo rwose. Aburahamu yari umuntu; ibyo yakundaga n’ibyamuhuzaga n’abandi ni nk’ibyacu; ariko ntiyigeze ahwema kwibaza uko isezerano ryajyaga kuzasohora iyo Isaka aza gusogotwa. Ntiyakomeje guheranwa n’umutima wari uremerewe. Yari azi ko Imana itabera kandi ikiranuka mu byo isaba byose, maze yumvira iryo tegeko uko ryakabaye. {AA 97.1}

“Aburahamu yizeye Imana bimuhwanirizwa no gukiranuka, yitwa inshuti y’Imana.” Yakobo 2:23. Na Pawulo aravuga ati, “mumenye ko abiringira Imana ari bo rubyaro rwa Aburahamu.” Abagalatiya 3:7. Ariko kwizera kwa Ahurahamu kwagaragajwe n’imirimo. “Mbese sogokuruza Aburahamu ntiyatsindishirijwe n’imirimo, ubwo yatangaga Isaka umwana we ngo atambwe ku gicaniro? Urumva ko kwizera Imana kwe n’ibikorwa bye byagendanaga, kandi ko kwizera kwe kwujujwe rwose n’ibikorwa” Yakobo 2:21,22. Hari benshi badasobanukirwa n’isano iri hagati yo kwizera n’imirimo. Baravuga bati, “Wizere Kristo gusa, uzagira amahoro. Gukomeza amategeko ntibikureba.” Ariko kwizera nyakuri kuzagaragarira mu kumvira. Yesu yabwiye Abayuda batamwizeraga ati, “Iyo muza kuba mukomoka kuri Aburahamu, muba mukora nk’ibyo Aburahamu yakoraga.”Yohana 8:39. Kandi ku byerekeye sekuruza w’abizera, Uwiteka arahamya ati, “...kuko Aburahamu yanyumviraga, akitondera ibyo namwihanangirije n’ibyo nategetse n’amategeko yanjye nandikishije n’ibyo navuze.” Itangiriro 26:5. Intumwa Yakobo iravuga iti, “Uko ni ko no kwizera, iyo kudafite imirimo, ahubwo kuri konyine, kuba gupfuye.” Yakobo 2:17. Kandi na Yohana, wibanda cyane ku rukundo, aratubwira ati, “Kuko gukunda Imana ari uku, ari uko twitondera amategeko yayo.” 1 Yohana 5.3. {AA 97.2}

Binyuze mu bigereranyo no mu isezerano, Imana “yabwirije Aburahamu ubutumwa bwiza mbere y’igihe.” Abagalatiya 3:8. Kandi kwizera k’uwo mukurambere kwari gushingiye ku Mucunguzi wari kuzaza. Kristo yabwiye Abayuda ati, “Aburahamu sekuruza wanyu yifuje cyane kureba umunsi wanjye, kandi awubonye aranezerwa.” Yohana 8:56. Imfizi y’intama yatambwe mu cyimbo cya Isaka yashushanyaga Umwana

w’Imana, wagombaga gutambwa mu cyimbo cyacu. Ubwo umuntu yacirwagaho iteka ryo gupfa kubera kugomera itegeko ry’Imana, Data wa twese, yitegereje Umwana we, abwira umunyabyaha ati, ‘Baho: kuko incungu yabonetse.” {AA 97.3}

Imana itegeka Aburahamu gutamba umwana we, yagira ngo ikangurire intekerezo ze kumenya ukuri kw’inkuru nziza, no kugerageza kwizera kwe. Intimba yagize muri cya gihe cy’iminsi y’umwijima uteye ubwoba cyo kugeragezwa, Imana yemeye ko bimugeraho, kugira ngo asobanukirwe n’uburyo igitambo Imana yagennye ngo umuntu acungurwe cyari gikomeye. Nta kindi kigeragezo cyigeze kibabaza umutima wa Aburahamu gutyo nko gusabwa gutanga igitambo cy’umuhungu we. Imana yatanze Umwana wayo gupfa urupfu rw’agashinyaguro kandi rukojeje isoni. Abamarayika biboneye uko gushinyagurirwa n’intimba by’Umwana w’Imana, ntibari bemerewe kumurengera, nk’uko byagenze kuri Isaka. Nta jwi ryajyaga kurangurura rivuga riti, “Birahagije.” Kugira ngo akize ubwoko bwacumuye, Umwami w’icyubahiro yatanze ubugingo bwe. Mbese ni ikihe gihamya gitangaje watanga ku byerekeye ubugiraneza n’urukundo by’Imana? “Mbese ubwo itimanye Umwana wayo, ikamutanga ku bwacu twese, izabura ite kumuduhana n’ibindi byose?”Abaroma 8:32.

{AA 98.1}

Igitambo Imana yatse Aburahamu nticyari icyo kumwunganira wenyine gusa, cyangwa abazamukomokaho; cyari icyo kwigisha n’abamarayika bo mu ijuru batakoze icyaha, ndetse n’abandi batuye ku yandi masi ataracumuye. Ikotaniro ry’intambara ikomeye hagati ya Kristo na Satani - aho umugambi wo gucungura umuntu washohorejwe - ni cyo gitabo cyigisha iby’ijuru n’isi. Bitewe n’uko Aburahamu yari yarerekanye ko atizera amasezerano y’Imana, Satani yaramureze ku bamarayika no ku Mana ko atagendera mu byo isezerano rimusaba, bityo akaba adakwiriye guhabwa imigisha. Imana yashatse kwerekana mu ijuru hose ko umugaragu wayo ayinambaho, ko nta kindi cyakwemerwa uretse kumvira gushyitse, no kubahishurira biruseho umugambi w’agakiza. {AA 98.2}

Abamarayika babaye abahamya b’ukwizera kwa Aburahamu no kwicisha bugufi kwa Isaka ubwo bageragezwaga. Icyo kigeragezo cyari kibabaje cyane gusumbya icyo Adamu yageragereshejwe. Ababyeyi bacu ba mbere kuba barabujijwe kurya ku giti, nta mubabaro wajyaga kubashengura; ariko itegeko Aburahamu yahawe ryatumye agira kwitanga kumushenguye atari yarigeze agira mu mibereho ye. Abatuye mu ijuru bose baratangaye kandi bashimira Aburahamu ku bwo kumvira kwe kutagira amakemwa. Abatuye mu ijuru bose banejejwe n’uburyo yari indahemuka. Ibirego bya Satani byahindutse ibinyoma. Imana yahamije umugaragu wayo ati, “Noneho menye ko wubaha Imana (ititaye ku birego bya Satani), kuko mbonye ko utigeze unyima umwana wawe w’ikinege.” Isezerano ry’Imana ryahamije Aburahamu binyuze mu ndahiro,

imbere y’abaturage bo ku yandi masi ataracumuye, ko uwumvira azagororerwa. {AA 98.3}

Byakomereye n’abamarayika gusobanukirwa iyobera ry’ugucungurwa — kwiyumvisha ukuntu Umugaba w’ingabo zo mu ijuru, Umwana w’Imana, agomba gupfira umunyabyaha. Igihe Aburahamu yabwirwaga gutamba umuhungu we, abo mu ijuru bose babyitayeho cyane. Bafite amatsiko menshi, bakurikiranye intambwe yose yagiye atera ngo asohoze iryo tegeko. Bigeze ku kibazo cya Isaka ngo, “Mbese intama yo gutamba ho igitambo cyoswa irihe?” Aburahamu yaramusubije ati, “Imana iribwishakire intama,” kandi ubwo Se yazamuraga ukuboko ngo amusogote, nibwo imfizi y’intama yatanzwe n’Imana yatambwe mu cyimbo cya Isaka - nibwo rero ubwiru bw’umugambi w’agakiza bwarushijeho gusobanuka, ndetse n’abamarayika basobanukirwa biruseho n’umugambi utangaje Imana yari yagiriye umuntu ngo azabone agakiza. 1 Petero 1:12. {AA 98.4}

IGICE CYA 14 - IRIMBUKA RYA SODOMU

(Iki gice gishingiye mu Itangiriro 19)

Sodomu yari nziza cyane mu migi yose yari mu kibaya cya Yorodani; yari iherereye mu kibaya kimeze “nka ya ngobyi y’Uwiteka” kirumbuka kandi gifite ubwiza. Ibimera byaho byahoranaga itoto. Cyari igihugu kirimbishijwe imikindo, iminzenze, n’imizabibu; kandi uko umwaka utashye, indabyo zaho zakwizaga impumuro yazo ahantu hose. Imirima yaho yagiraga umusaruro mwinshi, kandi imikumbi n’amashyo byahoraga ku misozi ikikije icyo kibaya. Ubukorikori n’ubucuruzi byazaniraga uwo mudugudu wari ufite ubwibone umutungo mwinshi cyane. Ubutunzi bwo mu burasirazuba ni bwo bwarimbishaga ingoro zawo, kandi abacuruzi bo mu butayu bazanaga ibigega by’ibicuruzwa by’agaciro kenshi ku masoko yawo. Abantu ntibavunikaga ari mu bitekerezo cyangwa mu mirimo, kuko icyo umuntu yakeneraga cyose yakibonaga, kandi umwaka wose wameraga nk’uhorana ibirori. {AA 99.1}

Uburumbuke bwabonekaga ahantu hose bwatumye habaho isesagura n’ubwirasi. Kuba inkorabusa hamwe n’ubutunzi bitera umuntu utararuhijwe no kubona ibyo akeneye cyangwa ngo ahure n’imibabaro yinangira. Gukunda ibinezeza byahawe imbaraga n’ubutunzi no kwishimisha, maze abantu birundurira mu irari. Umuhanuzi aravuga ati, “Dore, iki ni cyo gicumuro cya murumuna wawe Sodomu: ubwibone, n’ibyo kurya byinshi, n’ubukire bwe n’ubwo abakobwa be; kandi ntiyakomezaga ukuboko kw’abakene n’indushyi. Bari abirasi maze bakorera ibizira imbere yanjye: nuko mbibonye mperako mbakuraho.” Ezekiyeli 16:49, 50. Nta kintu abantu bifuza cyane nk’ubukire no kwinezeza, kandi ibyo bibyara ibyaha, aribyo byateye imidugudu yo muri kiriya kibaya kurimbuka. Kutagira umumaro kwabo, n’imibereho yo kuba inkorabusa byugururiye ibishuko bya Satani, kandi bahindanya ishusho y’Imana, maze bahinduka abadayimoni aho kuba ab’ijuru. Kuba inkorabusa ni umuvumo ukomeye ushobora kugera ku muntu, kuko byorora ingeso mbi n’urugomo. Byangiza intekerezo, umuntu ntabe agishobora kumenya icyiza, kandi bikanangira umutima. Satani aba yubikiye, yiteguye kurimbura abadafite uburinzi, abarehejwe n’ibinezeza maze bikabahuma imitima. Nta gihe Satani arushaho gusohoza imigambi ye nk’igihe asanze abantu bakora ubusa. {AA 99.2}

Sodomu yari yaratwawe no kwinezeza n’iminsi mikuru, ibirori, n’ubusinzi. Icyarushaga ibindi byose kuba kibi cyari ukutamenya kwitegeka. Abantu basuzuguraga Imana ku mugaragaro n’amategeko yayo, kandi bagashimishwa n’urugomo. Nubwo bari bafite imbere yabo icyitegererezo cy’abantu babayeho mbere y’Umwuzure, kandi bakaba bari bazi neza uburyo umujinya w’Imana warimbuye abababanjirije, nyamara bakomeje gukurikiza inzira imeze nk’iyabo yo gukiranirwa. {AA 99.3}

Igihe Loti yimukiraga i Sodomu, kwangirika byari bitaraba gikwira, kandi ku bwo imbabazi z’Imana, yemeye ko umucyo uvira hagati mu mwijima. Igihe Aburahamu yatabaraga abari bajyanyweho imbohe muri Elamu, abantu bamubonyeho kwizera nyakuri. Aburahamu ntiyari umunyamahanga ku bantu b’i Sodomu, kandi uburyo yasengaga Imana itagaragara, byari ibintu bishekeje kuri bo; ariko gutsinda ingabo zikomeye kwe n’uburyo yitwaye kuri izo mbohe kandi akirinda kugira iminyago atwara, byatangaje abantu kandi bituma bamwubaha. Ubwo barataga ubuhanga n’ubutwari bye, nta muntu utarashoboye gusobanukirwa ko imbaraga y’Imana yamuhaye gutsinda. Umutima we w’umurava no kutikanyiza, utaragirwaga n’abantu b’i Sodomu, wari ikindi gihamya cyerekana ko idini yakurikizaga afite umurava kandi akiranutse, yasumbaga andi yose. {AA 100.1}

Ubwo Melikisedeki yahaga umugisha Aburahamu, yahamije ko Yehova ari we soko y’imbaraga ze kandi akaba ariyo akesha gutsinda: ‘Imana isumbabyose, Umuremyi w’ijuru n’isi, niguhe umugisha. Nihasingizwe Imana isumba byose yaguhaye gutsinda abanzi bawe. » Itangiriro 14:19, 20, BII. Imana yavuganaga n’abo bantu ikoresheje

uburinzi bwayo, ariko banze umucyo uheruka nk’ uko banze indi micyo yabanje. {AA 100.2}

Ubwo rero ijoro rya nyuma rya Sodomu ryari ryegereje. Igicu cyo guhōra cyari cyamaze kubudika hejuru y’uwo mujyi. Ariko abantu ntibabimenye. Igihe abamarayika bari bageze hafi bafite ubutumwa bwo kurimbura, abantu bari bahugiye mu butunzi no kwinezeza. Umunsi uheruka babonaga umeze nk’iyindi yose yazaga igahita. Uwo mugoroba wari unejeje kandi urangwamo umutekano. Ikirere cy’ubwiza butagira akagero cyavirwaga n’imirasire y’izuba ryarengaga. Amahumbezi meza y’umugoroba yatumaga abantu bava mu ngo zabo, ndetse n’abashaka umunezero bakajya hirya no hino bagamije kwinezeza kuri iyo saha. {AA 100.3}

Mu kabwibwi, ni bwo babonye abashyitsi babiri bazaga begera hafi y’amarembo y’umurwa. Basaga nk’abagenzi baje gusaba icumbi muri uwo murwa. Nta n’umwe washoboye gushishoza ngo amenye ko abo bagenzi biyoroheje bari baturutse kure, ari intumwa zikomeye zije guca iteka ry’Imana, kandi abo bantu benshi batagira icyo bitayeho ntibigeze barota na gato yuko uburyo bari bwitware imbere y’izo ntumwa zivuye mu ijuru iryo joro, buri bubageze ku iherezo ry’ibibi byabo, ari byo byarimbuye umurwa wabo w’ubwibone. Ariko hari umugabo umwe wagiriye abo banyamahanga impuhwe maze abararikira kuza mu rugo iwe. Loti ntiyari azi neza imico yabo, ariko yari asanganywe ikinyabupfura no kwakira abashyitsi neza; ibyo byari bimwe mu biranga idini ye, kandi bikaba ibyigisho yari yarigiye kuri Aburahamu. Iyo ataba yarimenyereje umutima w’ubugiraneza, aba yarasigaye muri Sodomu akarimburanwa n’abayirimo. Ingo nyinshi, igihe zikinga imiryango ngo zidacumbikira abashyitsi, zikingirana intumwa y’Imana, yari ibazaniye imigisha, ibyiringiro n’amahoro. {AA 100.4}

Igikorwa cyose mu buzima, uko cyaba gito kose, kigira ingaruka nziza cyangwa mbi. Ubudahemuka cyangwa kwirengagiza inshingano zigaragara ko ari nto cyane, bishobora kugururira imigisha ikomeye mu mibereho cyangwa ibyago bikomeye. Utuntu duto nitwo tugerageza imico mbonera. Imirimo ya buri munsi yo kwitanga itarimo uburyarya, ikoranywe umunezero n’umutima ushaka, itera Imana kumwenyura. Ntitugomba kubaho ku bwacu ahubwo tubereyeho abandi. Kandi kwiyibagirwa, gushyira imbere abandi, n’umutima utabara, nibyo gusa byadushoboza kugira imibereho y’umugisha. Uko twakwita ku bantu, byaba byoroheje, uko tububashye, bigera kure cyane bikazanira imibereho kunezerwa, kandi kutita kuri ibi na byo bigaragaza ubugome bw’ikiremwamuntu. {AA 100.5}

Abonye uburyo abashyitsi bakirwaga nabi i Sodomu, Loti yabigize imwe mu nshingano ze zo kubarinda bakinjira, akabakirira iwe mu rugo rwe. Yari yicaye ku irembo ubwo abo bagenzi bazaga bamugana, akibabona, ahagurukira kubasanganira, maze arabapfukamira, yicishije bugufi, arababwira ati, “Ba nyakubahwa, nimuze iwanjye

mbacumbikire. ” Itang. 19:2, BII. Bashaka kwanga, baravuga bati, “Oya, turirarira hanze.” Bari bagamije ibintu bibiri ubwo bamusubizaga batyo: kugerageza ukuri kwa Loti no kwerekana ko ntacyo bari bazi cyerekeye imico y’abantu b’i Sodomu, nkaho babonaga ko nta cyo bashobora kuba, babaye bagumye mu nzira nijoro. Igisubizo cyabo cyatumye Loti arushaho kwiyemeza kugumana n’abo bantu ngo badasakizwa n’abagizi ba nabi. Yakomeje kubinginga kugeza ubwo bemeye, bajyana na we mu rugo. {AA 101.1}

Yari yiringiye guhisha umugambi we abantu b’inzererezi [b’i Sodomu] ubwo yari akiri ku marembo y’umugi, kugira ngo yinjize abo bashyitsi mu nzu iwe abanyujije mu nzira y’ubusamo; ariko gushidikanya kwabo no kuzarira, hamwe no gukomeza kubinginga, byatumye abantu bababona barabitegereza, maze batararyama, haza abantu benshi b’ibyigomeke bagota iyo nzu. Bari itsinda rinini, abasore n’abagabo bakuru bitwaye kimwe bose, bameze nk’abagurumana umuriro w’irari ribi cyane. Mu gihe abo bashyitsi bari bamaze kubaririza ibyerekeye imico y’uwo murwa, kandi Loti amaze kubihanangiriza ngo be gusohoka ngo bajye hanze muri iryo joro, bagiye kumva bumva urusaku rw’ibyo byigomeke, bisaba Loti ngo abyohererereze hanze abo bashyitsi. {AA 101.2}

Loti yamenye ko naramuka abashotoye bashobora kumena bakinjira mu nzu ye, maze ajya hanze kugira ngo abinginge. Maze aravuga ati, “Bene data, ndabinginze, ntimukore iryo shyano ringana rityo.” Yakoresheje “bene data” ashaka kuvuga abaturanyi be, yizeye ko bamwumvira maze bakagira isoni z’uwo mugambi mubi bari bafite. Ibiri amambu, amagambo ye yabaye nk’usutse amavuta mu muriro. Umujinya wabo wahindutse nk’umuraba uhorera. Bakwennye Loti nk’aho abaciriyeho iteka, ndetse bamutera ubwoba bashaka kumugirira nabi kuruta uko bifuzaga kugenza abo bashyitsi. Baramuhutaza bashaka gusingira urugi, kandi bajyaga kumutanyaguza iyo abamarayika b’Imana batabamukiza. Izo ntumwa ziturutse mu ijuru, “zisingira Loti, zimwinjiza mu nzu, maze zikinga urugi.” Ibyakurikiyeho byerekanaga abashyitsi yari yacumbikiye abo aribo. “Bateza ubuhumyi ba bantu bari bagose inzu, ari abasore n’abasaza; ntibashobora kubona umuryango.” Iyo badafatwa n’ubuhumyi bwikubye inshuro ebyiri, kandi ngo bagire n’ imitima yinangiye, igihano Imana yari ibahaye cyajyaga gutuma batinya, maze bakazibukira ibibi bakoraga. Iryo joro rya nyuma nta byaha bikabije byariranze bihwanye nk’ibyaranze amajoro menshi yaribanjirije; ariko imbabazi basuzuguye igihe kirekire, noneho zari zirangiye. Abaturage ba Sodomu bari bageze aho Imana itakibasha kubihanganira - “bari ku rugabano rwo kwihangana kw’Imana n’umujinya wayo.” Umuriro wo guhora kw’Imana wendaga gukongezwa muri icyo kibaya cy’i Sidimu. {AA 101.3}

Abamarayika bahishuriye Loti umugambi w’urugendo rwabo: “Tugiye kurimbura aha hantu kuko gutaka kw’ababarega kwagwiriye imbere y’Uwiteka, kandi Uwiteka

yadutumye kuharimbura.” Abo bashyitsi Loti yari yagerageje kurwanaho, noneho ni bo bamusezeranyije kumurinda, kandi bagakiza abo umuryango we bose bagombaga guhungana bakava muri uwo mudugudu w’inkozi z’ibibi. Icyo gitero cyari cyasubiranyemo kirananirwa maze kiragenda, maze Loti arasohoka ajya kuburira abana be. Abasubirira mu magambo yabwiwe n’abamarayika ati, “Nimuhaguruke muve aha hantu, kuko Uwiteka agiye kurimbura uyu mudugudu.” Ahubwo babaye nk’abamukwena. Barisekeye bavuga ngo afite ubwoba budafite aho bushingiye. Abakobwa be bari barahinduwe n’abagabo babo. Babonaga aho hantu habamereye neza bihagije. Nta kimenyetso kigaragaza ibyo byago babonaga. Ibintu byose byari kuri gahunda nk’uko bisanzwe. Bari bafite ubutunzi bwinshi cyane, kandi ntibashoboraga kwemera ko Sodomu nziza cyane ibasha kurimburwa. {AA 102.1}

Loti yasubiye imuhira afite agahinda, maze abatekerereza uko bamunaniye. N’uko abamarayika bamubwira guhagurukana mu mudugudu umugore we n’abakobwa be babiri bari bakiri iwe. Ariko Loti arazarira. N’ubwo yahangayikishwaga n’ibikorwa by’ubugome byakorwaga buri munsi, ntiyari azi neza ibiteye isoni byakorerwaga muri uwo mudugudu mubi. Ntiyamenye neza ko byari ngombwa yuko Imana ihacira ho iteka kugira ngo ikureho icyaha. Bamwe mu bana be bagumye i Sodomu, maze umugore we yanga kugenda batajyanye. Igitekerezo cyo gusiga abo yakundaga cyane mu isi gisa nk’aho kigiye kumucogoza. Byari bikomeye gusiga urugo rwe rwari rumeze neza cyane n’ubutunzi bwe bwose yari yarakoreye mu mibereho ye yose, maze akagenda akaba inzererezi itagize icyo ifite. Ateshejwe ubwenge n’agahinda, abunza imitima, ashaka kugaruka. Ariko iyo abamarayika batahaba, bose bajyaga kurimbukira I Sodomu. N’uko izo ntumwa zari zivuye mu ijuru zibafata amaboko we n’umugore we n’abakobwa be babiri zibasohora mu mudugudu. {AA 102.2}

Abamarayika babasize aho, maze bagaruka I Sodomu kurangiza umurimo wo kurimbura. Uwo Aburahamu yari yarasenze- yari hafi ya Loti. Mu midugudu yose y’icyo kibaya, ndetse n’abantu cumi bakiranuka ntibari bahabonetse. Ariko ku bwo gusubiza amashengesho y’umukurambere Aburahamu, umuntu umwe wubahaga Imana yaruwe muri iryo rimbukiro. Itegeko ryatanganywe imbaraga iteye ubwoba: “Hunga udapfa; nturebe inyuma, kandi ntutinde utararangiza iki kibaya; hungira ku musozi, kugira ngo udashya.” Gushidikanya cyangwa kuzarira byari bibi cyane. Kureba gato uwo mudugudu, gutinda umwanya muto, bicuza igitumye basiga urugo rwiza nk’ urwo, byajyaga kubaviramo urupfu. Umujinya w’iteka ry’Imana wari utegereje gusa ko izo mpezamajyo zibanza zigahunga. {AA 102.3}

Ariko Loti, ashobewe kandi afite ubwoba bwinshi, abinginga ababwira ko atabashije gukora ibyo ategetswe, kugira ngo ibyo bibi bitamugeraho maze agapfa. Ku bwo gutura muri uwo mudugudu wari wuzuyemo gukiranirwa, hagati y’abatizera, kwizera kwe kwari kwaragabanutse. Umwami w’ijuru yari ku ruhande rwe, ariko atakambira

gukiza ubugingo bwe, nk’aho Imana yari yaragaragaje uburinzi n’urukundo bimeze gutyo, itari igikomeje kumurinda. Yari akwiriye kwirundurira wese mu maboko y’iyo Ntumwa y’Imana, akegurira ubushake n’ubugingo bye mu biganza by’Uwiteka, atarinze gushidikanya cyangwa kubaza. Ariko nk’uko abandi bose bajya babigenza, yagerageje kwicurira imigambi: “Dore uriya mudugudu ni wo uri bugufi bwo guhungirwaho, kandi ni muto: reka nywuhungiremo, ubugingo bwanjye bukire.” Uwo mudugudu yashakaga guhungiramo wari Bela, nyuma uza kwitwa Sowari. Sowari ntihari kure y’i Sodomu, kandi na ho hari huzuye ubugizi bwa nabi hagomba kurimbuka. Ariko Loti asaba yuko ho harokoka, kuko cyari ikintu gito yari asabye; maze icyifuzo cye kirumvirwa. Uwiteka yamwijeje atya ati “Dore ku byo uvuze ibyo, nkwemereye kutarimbura umudugudu uvuze.” Mbega ukuntu imbabazi Imana igirira ibiremwa byahabye zitagira akagero! {AA 102.4}

Yongera kubwirwa kugira bwangu, kuko umujinya wari ugiye gutera ariko ugomba gutindaho akanya gato. Ariko umwe mu mpunzi arahindukira areba uwo mudugudu urimbuka, maze ahinduka urwibutso rw’iteka ry’Imana. Iyo Loti ubwe atagaragaza gushidikanya ku mvira imiburo y’abamarayiaka, maze agahita ahungira ku misozi nta jambo na rimwe avuze ry’urwitwazo, n’umugore we yajyaga kurokoka. Urugero rwa Loti rwajyaga kumukiza icyaha cyamuhitanye. Ariko kuzarira kwa Loti kwatumye na we ajenjeka ijambo ry’imiburo y’Imana. N’ubwo ku mubiri yari mu kibaya, ariko umutima we wari wasigaye i Sodomu, maze arimbukana na yo. Yigometse ku Mana kuko iteka ryayo ryacirwaga ku bintu bye n’abana be bari barimbutse. Nyamara n’ubwo yari agize amahirwe yo kuvanwa mu mudugudu w’irimbukiro, yumvise ahanwe bikomeye kuko ubutunzi bwose yari yarakoreye imyaka n’imyaka yagombaga kubureka bukarimburwa. Aho gushimira Imana byimazeyo ko arokotse, yihaye kureba inyuma yifuza kuba nk’abirengagije imiburo y’Imana. Icyaha cye cyamweretse ko atari akwiriye ubugingo, kuko atiyumvagamo ko bukwiye kurokoka. {AA 103.1}

Dukwiriye kwitondera uburyo dufata uko twishakiye, ubuntu bw’Imana yaduteganyirije kubwo agakiza kacu. Hari Abakristo bavuga ngo, ‘Sinitaye ku gukizwa keretse mugenzi wanjye n’abana banjye bakijijwe.” Bumva ko ijuru ritaba ijuru abo bakunda cyane badahari. Ariko se abameze batyo baba bibagiwe yuko urukundo no kuba indahemuka bagirira Umuremyi n’Umukiza wabo ari byo bibahuza na we mu buryo bukomeye? Mbese tuzanga Uinukiza wacu kuko inshuti zacu zamwanze? Iryo rarika ry’imbabazi ni irya bose; kandi kuko se niba inshuti zacu zirengagije ukwinginga k’urukundo rw’Umukiza, ese natwe tumutere umugongo? Gucungura umuntu birahenze. Kristo yatanze ikiguzi kitagira akagero kugira ngo dukizwe, kandi nta we uzi agaciro kacyo uzasuzugura imbabazi z’Imana ngo n’uko abandi bahisemo kubikora. Kuba abandi batita ku byo ibabwira, byari bikwiriye kurushaho kudukangurira kuyinambaho, kugira ngo twubahe Imana ubwacu, kandi tuyobore abo dushoboye bose ku kwemera

urukundo Rwayo. {AA 103.2}

“Izuba ryavuye ku isi ubwo Loti yageraga i Sowari.” Imirasire y’izuba ya mu gitondo yasaga nkaho yerekana uburumbuke n’amahoro gusa muri iyo midugudu y’icyo kibaya. Urujya n’uruza ruratangira aho mu mudugudu; abantu banyuranagamo mu nzira zitari zimwe, bashakisha imirimo cyangwa kwinezeza muri uwo munsi. Abakwe ba Loti bahinduye urwamenyo ubwoba nimiburo by’umusaza wagaragaraga nk’ ufite ubwenge buke bunaniwe. Muri ako kanya batiteguye, haza umuraba mwinshi wahindaga nk’inkuba mu kirere kitagira agacu. Uwiteka agusha amazuku n’umuriro bivuye mu ijuru, atsemba iyo mijyi n’abayituyemo bose n’ikibaya cyose, b’ibimera byaho byose; ingoro n’insengero, amazu y’agaciro kanini, imirima y ‘uburabyo n’iy’imizabibu, byose bitsembanwa n’abantu benshi binezezaga gusa ndetse akaba ari bo bari baraye batutse intumwa z’Imana. Umwotsi w’uko gushya wazamukaga usa nk’uw’itanura rinini cyane. Maze ikibaya cyiza cy’i Sidimu gihinduka umusaka, ahantu h’ikidaturwa - kibera abantu b’ibihe byose akabarore ko nta kabuza Imana izaciraho iteka uwica amategeko. {AA 103.3}

Umuriro wakongoye imidugudu yo mu ri icyo kibaya yatanze umuburo muri iki gihe cyacu. Twigishwa isomo riteye ubwoba kandi rikomeye rivuga ko niba imbabazi z’Imana zihanganira uwacumuye igihe kirekire, hari iherezo ry’uko umuntu atazakomeza gukora icyaha. Iyo iryo herezo rigeze, niho imbabazi zikurwaho, maze guca imanza bigatangira. {AA 104.1}

Umucunguzi w’isi ahamya ko hari ibyaha bikabije kuruta ibyarimbuje Sodomu na Gomora. Abumva kurarika k’ubutumwa bwiza bubahamagarira abanyabyaha kwihana, ntibabyiteho, barusha icyaha abantu bari batuye i Sidimu. Nanone kandi, icyaha kiruta ibindi kiri kubavuga ko bazi Imana kandi ko bubahiriza amategeko yayo, nyamara bagahakanisha Kristo imico yabo n’imibereho yabo ya buri munsi. Dukurikije umuburo w’Umukiza, ibyabaye kuri Sodomu ni akabarore, atari kubakora ibyaha bigaragara gusa, ahubwo n’abakerensa bose umucyo n’amahirwe byavuye mu ijuru. {AA 104.2}

Umuhamya w’Ukuri abwira itorerorya Efeso ati, “Icyakora mfite icyo nkugaya, ni uko waretse urukundo rwawe rwa mbere. Nuko rero wibuke aho wavuye ukagwa, maze wihane, wongere gukora uko wakoraga mbere. Nibitaba bityo, nzaza aho uri, nkure itara ryawe aho riteretse niba utihannye.”Ibyahishuwe 2:4,5. Umukiza ahora ategereje abakira urukundo n’imbabazi bye, afite impuhwe ziruta izo umubyeyi wo ku isi agirira umwana we wararagiye, akaba arimo kubabazwa. Ararangurura abwira uwahabye ati, “Nimungarukire, nanjye ndabagarukira...” Malaki 3:7. Ariko niba impabe ikomeje kwanga kwitaba iryo jwi ry’impuhwe, urukundo rutangaje, amaherezo azahezwa mu mwijima. Umutima umaze igihe kirekire utita ku mbabazi z’Imana, winangirira mu byaha, maze ukaba utagishoboye gukoreshwa n’ubuntu bw’Imana. Igiteye ubwoba ni

uko uwo mutima uzarimbuka kuko kwinginga k'Umukiza kuzagira igiher guhamya ngo "bihambiriye ku bigirwamana: nimubihorere." Hoseya 4:17. Imidugudu yo mu kibaya yari kuzihanganirwa ku munsi w'amateka kuruta uko kwihanganira abantu bamenye urukundo rwa Kristo, nyamara bakanga bagahindukirira ibinezeza byo mu isi y'ibyaha. {AA 104.3}

Wowe urimo gukerensa imbabazi wahawe, tekereza ku rutonde rw'abo mutavuga rumwe bari mu bitabo byo mu ijuru; kuko hari inzibutso zerekeye gukiranirwa kw'amahanga, ukw'imiryango, n'ukw'umuntu wese. Imana ishobora kwihangana igihe kirekire, ariko ibyandikwa bigakomeza kwandikwa, kandi irarika ryo kwihana, n'imbabazi bishobora gutangwa; ariko igihe kizagera ubwo bizaba birangiye; ubwo umutima w'umuntu uzaba wamaze gufata umwanzuro; igihe guhitamo kwa buri muntu kuzerekana iherezo rye. Nibwo ikimenyetso kizatangwa kugira ngo iteka ryaciwe risohozwe.

{AA 104.4}

Hari impamvu ituma abanyadini b'iki gihe baburirwa. Imbabazi z'Imana zarakerenshejwe. Abantu batabarika bahinyura amategeko y'Uwiteka, "kuko inyigisho bigisha ari amategeko y'abantu." Matayo15:9. Mu matorero menshi harimo ubuhemu, si uguhemuka nkuko iryo jambo risobanurwa- ahubwo ni uguhakana Bibiliya ku mugaragaro, ariko ni ubuhemu bushingiye ku bukristo, kuko bukerensa kwizera kuvugwa muri Bibiliya nkuko Imana yabihishuye. Kuramya nyakuri no kubaho bisingiza Imana byabaye kuzuza umuhango. Ku bw' iyo mpamvu,ubuhakanyi no gutezuka ku Mana biriganje. Kristo yaravuze ati, "Nk'uko byari biri mu minsi ya Loti.. . . ni nako bizamera, umunsi Umwana w 'Umuntu azabonekeraho."Luka 17:28,30. Ibibaho buri munsi bigaragaza ko ibyo yavuze biri hafi gusohora. Isi irihuta igana ku irimbukiro. Bidatinze, iteka ry'Imana rigiye kwigaragaza, kandi icyaha n'abanyabyaha bazashiraho. {AA 105.1}

Umukiza wacu yaravuze ati, "Ariko mwirinde, imitima yanyu ye kuremererwa n'ivutu no gusinda n'amaganya y'iyi si, uwo munsi ukazabatungura, kuko uzatungura abantu bose bari mu isi yose, umeze nk'umutego" abahora bashakisha iby'iy'isi bose. "N'uko rero mujye muba maso, musenge iminsi yose, kugira ngo mubone kurokoka ibyo byose byenda kubaho, no guhagarara imbere y'Umwana w'umuntu." Luka 21:34-36. {AA 105.2}

Mbere yo kurimbura Sodomu, Imana yoherereje Loti uhutumwa ngo, "Hunga udapfa, nturebe inyuma cyangwa ngo utinde mu kibaya; hungira ku musozi, kugira ngo udapfa." Iryo jwi ry'imbuzi ni naryo intumwa za Kristo zumvise mbere y'uko Yerusalemu irimburwa:"Ariko, ubwo muzabona i Yerusalemu hagoswe n 'ingabo, muzamenya ko kurimbuka kwaho kwenda gusohora. Icyo gihe abazaba ban i Yudaya

bazahungire ku misozi miremire.” Luka 21:20,21. Ntibakwiriye gutindiganya ngo bagire icyo baramira mu byo batunze, ahubwo bakwiriye kwihutira guhunga. {AA 105.3}

Habayeho gusohoka, biyemeje gutandukana n’inkozi z’ibibi, bahunga ngo bakize ubugingo. Nk’uko byabaye mu minsi ya Nowa; no mu gihe cya Loti; ni nako byabaye mu gihe cy’intumwa Yerusalemu igiye kurimbuka; kandi ni ko bizaba mu minsi iheruka. Na none ijwi ry’Imana rirumvikana rifite ubutumwa bw’umuburo, ryingingira abantu bayo kwitandukanya no gukiranirwa kwiganje. {AA 105.4}

Kwangirika n’ubuhakanyi byo mu minsi iheruka bizaba biri ku banyedini, byeretswe umuhanuzi Yohana mu nzozi zivuga ku bya Babuloni, “...wa mudugudu ukomeye, utegeka abami bo mu isi.” Ibyahishuwe 17:18. Mbere y’uko urimburwa, mu ijuru hazaturuka ijwi rihamagara riti “Bwoko bwanjye, nimuwusohokemo, kugira ngo mwe gufatanya n’ibyaha byawo, mwe guhabwa no ku byago byawo.”Ibyahishuwe 18:.4. Nk’uko byagenze mu minsi ya Nowa na Loti, hagomba kuba itandukaniro hagati y’icyaha n’abanyabyaha. Ntabwo iby’Imana bikwiye kwivanga n’iby’isi, nta gusubira inyuma gutwara ubutunzi bw’isi. “Ntimubasha gukorera Imana na mamomi.” Matayo 6:24. {AA 105.5}

Nk’uko byari bimeze ku batuye i Sidimu, abantu bararota uburumbuke n’amahoro.”Hunga udapfa”, niwo muburo uturutse kuri marayika w’Imana; nyamara hari andi majwi yumvikana avuga ngo ” mwikuka umutima, nta mpamvu y’intabaza.” Benshi baravuga bati, “Amahoro n’umutekano,” igihe ijuru ryo ritangaza ko umunyabaha yenda kurimbuka. Iraye iriburinbuke, imidugudu y’icyo kibaya yahugiye mu kwinezeza maze yerekana ko iyo miburo y’intumwa y’Imana nta bwoba ibateye; ariko abo bakobanyi bashiriye mu muriro; kuko iryo joro, urugi rw’imbabazi rwakinzwe burundu rukingirana abaturage b’i Sodomu batagiraga icyo bitaho. Imana ntizemera ko abantu bahora bayikoba. “Dore umunsi w’Uhoraho uraje, ni umunsi uteye ubwoba wuzuye uburakari n’umujinya, igihugu kizarimburwa, abanyabyaha bagituyemo bazatsembwa.” Yesaya 13:9. Umugabane munini w’abatuye isi uzanga imbabazi z’Imana, maze barimbuke buheriheri. Ariko abazumvira imiburo bazatura “mu rwihisho rw’Isumbabyose,” kandi bazahama “mu gicucu cy’Ishobora byose.” Ukuri kwayo kuzababera ingabo ibakingira. Kuko ari isezerano kuri bo ko “baziturwa kurama banyurwe, kandi bazahabwa agakiza kayo.” Zaburi 91:1,4,16. {AA 106.1}

Loti yatuye igihe gito i Sowari. Gukiranirwa kwaho kwabaye nk’ukw’i Sodomu, maze atinya kuhaguma, kuko uwo mudugudu wari ugiye kurimbuka. Hadashize igihe kirekire, Sowari irakongoka nk’uko Imana yari yabigennye. Loti yerekeza mu misozi, maze atura mu buvumo, kugira ngo yihishe ibintu byose yatinyaga ko byagira icyo bitwara umuryango we, bikomotse ku bugome bw’uwo murwa. Ariko umuvumo w’i Sodomu wamukurikiranyeyo. Imyifatire mibi y’abakobwa be yari ingaruka yo kubana n’inkozi

z’ibibi z’aho hantu hari habi cyane. Kwangirika kwaho kwanduje imico mbonera y’abo bakobwa, kuburyo batari bagishobora gutandukanya ikibi n’icyiza. Urubyaro rwa Loti rwonyine, aribo Bamowabu,n’Abamoni, bari babi cyane, kandi barabaye ubwoko busenga ibigirwamana, bigomeka ku Mana maze baba abanzi bakomeye b’ubwoko bwayo. {AA 106.2}

Mbega itandukaniro rihabanye cyane ry’ubuzima bwa Loti n’ubwa Aburahamu! Igihe bagendanaga, batambira ku gicaniro kimwe, baturanye mu mahema; ariko se nigute habayeho itandukaniro rikabije! Loti yari yarahisemo Sodomu kubera ibinezeza n’inyungu byaho. Arekeye Aburahamu ibicaniro bye n’ibitambo bya buri munsi yatambiraga Imana, yemereye abana be gufatanya n’ubwoko bwangiritse kandi busenga ibigirwamana; nyamara we akomeza kubaha Imana mu mutima we, kuko Ibyanditswe bihamya ko yari ‘umukiranutsi”; umutima we ukiranuka wamuteraga kurinda amatwi ye ibiganiro bipfuye bya buri gihe, kandi ugatuma ativanga mu rugomo n’ubwicanyi kuko atari ashoboye kubibuza kubaho. Amaherezo yarakijijwe, “nk’umushimu ukuwe mu muriro,” ariko nta butunzi yari asigaranye, yari yarapfushije umugore we n’abana be, yagumye mu buvumo, nk’inyamaswa y’i gasozi, avugwa nabi mu zabukuru, kandi ntiyasigiye isi ubwoko bw’abakiranutsi, ahubwo yari amahanga abiri yamukomotseho yasengaga ibigirwamana, akanga Imana kandi akarwanya abantu bayo, kugeza ubwo, igikombe cyabo cyo gukiranirwa cyuzura, maze bararimburwa. Mbega ngo intambwe imwe y’ubupfapfa iragira ingaruka ziteye ubwoba! {AA 106.3}

Umunyabwenge yaravuga ati, “Ntukarushywe no gushaka ubutunzi; bene ibyo bitekerezo ubyivanemo.” Urarikira indamu ateza urugo rwe imidugararo. Intumwa Pawulo aravuga ati, .kuko abifuza kuba abatunzi bagwa mu moshya no mu mutego no mu irari ryinshi ry’ubupfu ryangiza, rikaroha abantu mu bibahenebereza bikabarimbuza.” Imigani 23:4; 15:27; 1Timotayo 6:9. {AA 106.4}

Ubwo Loti yageraga i Sodomu, yari yiteguye byimazeyo kwirinda gukiranirwa no gutegeka ab’inzu ye kumukurikiza. Ariko ntiyabishobora. Kwangirika kwaho kwagieze ingaruka zikomeye ku kwizera kwe, kandi kuba abana be bari bifatanyije cyane n’abaturage ba Sodomu, byatumye ibyifuzo bye bigendana n’ibyabo. Iingaruka turazibona. {AA 107.1}

Benshi baracyakora ikosa nk’iri. Mu guhitamo aho batura, bita cyane ku nyungu z’igihe gito aho kwita kubyo umwuka n’ingaruka z’abaturanyi ku miryango yabo. Bahitamo igihugu cyiza kandi kirumbuka, cyangwa bakimukira mu mijyi myiza, bizera ko ariho bazakirira; nyamara abana babo bagoswe n’ibishuko , kandi kenshi na kenshi umushyikirano bagirana udatuma bajya mbere mu by’umwuka no gukuza imico mbonera ikwiye. Imibereho itarangwamo ibya mwuka, kutizera no kutita ku by’idini,

ikomoka kenshi ku ruhare rw’ababyeyi. Ingero zo kwigomeka ku babyeyi no ku Mana bihera mu bwana; benshi bomatana n’abahemu n’abatizera, maze bakifatanya n’abanzi b’Imana. {AA 107.2}

Mu guhitamo aho gutura, Imana iba ishaka ko twita mbere ya byose, ku ngaruka z’ibya mwuka n’ibyo idini, imiryango yacu izakomora ku badukikije. Dushobora kuba ahantu dusa n’abagerageza, kuko benshi badashobora guturana n’abo bashaka; kandi igihe cyose duhamagariwe inshingano, Imana izadushoboza guhagarara tudatwawe, niba tubaye maso kandi dusenga, twiringiye ubuntu bwa Kristo. Nyamara ntidukwiriye kwishyira ibigeragezo twibwira ko dukuza imico yacu ya Gikristo. Iighe twijyanye mu by’isi no mu kutizera ku bushake bwacu, tubabaza Imana kandi tukirukana abamarayika baziranenge mu ngo zacu. {AA 107.3}

Abashyira abana babo mu butunzi bw’isi kandi bakumva bibubahishije kubera inyungu zabo, ku iherezo bazasanga barahombye biteye ubwoba. Nka Loti, benshi bashobora kubona abana babo barimbuka, ariko ugasanga bagerageza kwikiriza ubugingo bwabo gusa. Imihati yose bagize mu mibereho yabo iba ipfuye ubusa; imibereho yabo iba ibabaje. Iyo baza kwimenyereza ubwenge nyakuri, abana babo bajyaga kutirundurira mu bukire bw’ isi, ariko bakaba bizeye kuzaragwa ubugingo buhoraho. {AA 107.4}

Umurage Imana yasezeraniye abantu bayo ntabwo uri muri iyi si. Aburahamu nta gakondo yari afite mu isi, habe ngo imuhe n’ahangana urwara. » Ibyakozwe n’Intumwa 7:5. Yari atunze ibintu by’agaciro, kandi yabikoreshaga mu guhesha Imana ikuzo no kugirira neza bagenzi be; ariko ntiyigeze abona iyi si nka gakondo ye. Imana yamuhamagariye gusiga bene wabo basengaga ibigirwamana, imuha isezerano ryo kuzahabwa igihugu cya Kanaani ho gakondo ihoraho; nyamara yaba we, yaba umuhungu we, yaba n’abuzukuru be, nta n’umwe yahawe Kanaani. Igihe yifuzaga aho yazashyingurwa, yagombaga kuhagura n’Abanyakanaani. Gakondo ye muri icyo gihugu cy’Isezerano yabaye ubuvumo bwari bukorogoshowe mu rutare i Makipela. {AA 107.5}

Ariko ijambo ry’Imana ntiryaheze,; nta n’ubwo ryasohorejwe mu gihe Abayuda bari batuye i Kanaani. ” Kuri Aburahamu no ku rubyaro rwe nibo bagiriwe isezerano. » Abagalatiya 3:16. Aburahamu ubwe yagombaga kugabana n’abandi uwo murage. Gusohozwa ku isezerano ry’Imana gushobora gusa n’ukwatinze kuko « ku Mana, umunsi umwe ni nk’imyaka igihumbi, kandi imyaka igihumbi ni nk’umunsi umwe » 2 Petero 3:8; rishobora kugaragara nk’iritinze; ariko igihe gikwiriye gisohoye « rizaza nta gushidikanya, kandi ntirizatinda. » Habakuki 2:3. Aburahamu n’urubyaro rwe ntibahawe gusa igihugu cya Kanaani, ahubwo barazwe isi yose. Intumwa iravuga iti,’Imana yasezeranyije Aburahamu ko we cyangwa urubyaro rwe bazahabwa isi ho umunani. Ntiyahawe iryo sezerano kubera ko yumviye Amategeko y’Imana, ahubwo ni ubutungane bwe buvuye ku kuyizera. » Abaroma 4:13. Kandi na Bibiliya yigisha

itanyuze ku ruhande ko amasezerano yahawe Aburahamu yasohorejwe muri Kristo. Aba Kristo bose ni ‘urubyaro rw’Aburahamu, kandi ni abaragwa b’ibyasezeranyijwe’ — abaragwa b’umurage utabora, kandi utabasha kwangirika no gushiraho » - ubwo isi izaba imaze gukizwa umuvumo w’icyaha. Abagalatiya 3:29; 1Petero 1:4. Naho « ubwami n’ubutware, n’icyubahiro cy’ubwami bwose bwo ku isi bizahabwa imbaga y’intore z’Isumbabyose. Ubwami bwayo buzahoraho iteka, abategetsi bose bazajya bayumvira’, ‘kandi abanyambabazi nibo bazaragwa isi; maze basabwe n’amahoro. Daniel 7:27; Zaburi 37:11. {AA 108.1}

Imana yeretse Aburahamu uko uwo murage uhoraho uzaba umeze, maze kubwo ibyo byiringiro, arawishimira. « Kwizera ni ko kwatumye aba umusuhuke mu gihugu yasezeranyijwe, akaba nk’umushyitsi muri cyo, akabana mu mahema na Isaka na Yakobo, abaraganywe na we ibyo byasezeranyijwe; kuko yategerezaga umudugudu wubatswe ku mfatiro, uwo Imana yubatse, ikawurema.” Tugomba gutura nk’abasuhuke ndetse tukaba nk’abashyitsi hano niba tuzabona “...gakondo irusha icyo gihugu kuba cyiza, ni yo yo mu ijuru.” Abaheburayo 11:9,10. {AA 108.2}

No ku rubyaro rwa Aburahamu byanditswe ngo: “Abo bose bapfuye bagifitiye Imana icyizere. Bari batarahabwa ibyo yabasezeranyije, icyakora babireberaga kure bakabyishimira. Bemeraga ku mugaragaro ko ari abashyitsi n’abagenzi kuri iyi si.” Umurongo wa 13. Tugomba guhora turi abagenzi n’abashyitsi hano niba dutegereje kuzabona “igihugu kirutaho kuba cyiza, nta kindi ni mu ijuru.” Umurongo wa 16. Abana ba Aburahamu bazarangamira umurwa yari ategereje kuko, “umwubatsi n’umuremyi wawo ari Imana.” {AA 108.3}

IGICE CYA 15 - UBUKWE BWA ISAKA

(Iki gice gishingiye mu Itangiriro 24)

Aburahamu yari ageze mu zabukuru; kandi ategereje kwipfira bidatinze; nyamara yari ashigaje gukora ikintu kimwe kugira ngo yumve ko isezerano yahawe risohorejwe ku rubyaro rwe. Imana yari yaratoranyije Isaka ngo azamusimbure mu byo gukomeza amategeko yayo kandi ngo azabe se w’ubwoko bwatoranyijwe; ariko yari atarashaka umugore. Abaturage b’i Kanaani basengaga ibigirwamana, kandi Imana yari yarabujije abantu bayo guhana abageni na bo, kuko yari izi yuko iryo shyingirana rizatuma bajya mu buhakanyi. Uwo mukurambere yatinyaga ko abaturanyi be b’abanyakanaani bazahindura umwana we. Akamenyero k’Aburahamu ko kwizera Imana no kugendera mu bushake bwayo, byagaragariraga no mu mico mbonera ya Isaka; ariko uwo musore

we yari afite akarusho, kandi yari umugwaneza n’umunyamahoro. Iyo aza kubana n’utubaha Imana, yajyaga kugira akaga ko kugira ibyo ahara kugira ngo bumvikane. Mu bitekerezo by’Aburahamu, guhitiramo umuhungu we umugore, byari ingenzi cyane; yifuzaga cyane yuko yashaka umugore utazamukura mu nzira y’Imana. {AA 109.1}

Mu bihe bya kera, muri rusange, ababyeyi ni bo bashakiraga abana babo abageni, kandi niwo wari umuco w’abasengaga Imana. Nta muntu washyingirwaga uwo adakunda; ariko urubyiruko rwo rwagenderaga ku bunararibonye no guhitamo kw’ababyeyi babo bubaha Imana. Byagaragaraga nko kutubaha ababyeyi, ndetse cyari icyaha, iyo umwana yakoraga ibinyuranye n’ibyo. {AA 109.2}

Isaka, yiringiye ubunararibonye bwa se n’urukundo amukunda, yanejejwe no kubimubwira, kandi yizeye ko n’Imana ubwayo izamuyobora muri uko guhitamo. Uwo mukurambere yatekereje bene wabo babaga i Mesopotamiya. N’ubwo batari bararetse gusenga ibigirwamana, bari bazi kandi baramya Imana nyakuri . Isaka ntiyagombaga kuva i Kanani ngo abasange, ariko byajyaga gushoboka ko muri bo haboneka usiga iwabo agafatanya na we gukomeza gusenga by’ukuri Imana ihoraho. Aburahamu yahaye “umugaragu we mukuru” iyo nshingano, umugabo wari uzi Imana, inararibonye kandi wagiraga ibitekerezo bizima, wari waramukoreye igihe kirekire kandi yaramubereye inyangamugayo. Amubwira kurahirira imbere y’Uhoraho ko atazashyingira Isaka umukobwa w’Abanyakanani, ko ahubwo azatoranya umwari wo mu muryango wa Nahori, i Mesopotamiya. Yamubwiye kutajyanayo Isaka. Iyo hataboneka umukobwa wemera gusiga iwabo, uwo mugaragu ntiyajyaga gufatwa n’iyo ndahiro. Uwo mukurambere amutera umwete muri iyo nshingano itoroshye yari ahawe, amwizeza ko Imana izahira urugendo rwe. Aravuga ati, “Uwiteka Imana nyirijuru, yankuye mu nzu ya data no mu gihugu navukiyemo,... Izatuma marayika wayo akujye imbere.” {AA 109.3}

Iyo ntumwa ntiyazarira iragenda. Afata ingamiya cumi zo kumuherekeza n’abo kuzagarukana bari kumwe n’umugeni, bitwaza n’impano zo kuzaha umugeni, n’inshuti ze, maze agenda urugendo rurerure cyane arenga i Damasiko agera mu bibaya bihana imbibi n’uruzi runini rw’iburasirazuba. Ageze i Harani, “umudugudu wa Nahori,” ahagarara inyuma y’inkike zigose uwo mudugudu, hafi y’iriba aho abagore bazaga ni mugoroba kuvoma. Ubwo nibwo yagize ibitekerezo byo kwibaza uko biribumugendekere. Byajyaga gushoboka ko guhitamo yari agiye kugira kwajyaga kugira ingaruka zikomeye, atari kurugo rwa shebuja gusa, ahubwo no ku bandi bantu bazabaho uko ibihe bizajya biha ibindi. Yibuka amagambo y’Aburahamu yuko Imana yajyaga kohereza marayika wayo ngo bajyane, asaba ashimikiriye ko ayoboranwa ihirwe. Mu muryango wa shebuja yari amenyereye ubugwaneza no kwakira abashyitsi byahoraga bikorwa, noneho asaba yuko igikorwa cy’ubugiraneza cyamwereka umwari Imana yari yahisemo. {AA 109.4}

Atararangiza gusaba, aba yahawe igisubizo. Mu bagore bari ku iriba, ingeso z’ubugwaneza z’umwe zimukora ku mutima. Ubwo yari avuye ku iriba, uwo muntu batari baziranye aza amusanga, amusaba amazi ku yo yari atwaye mu kibindi ku rutugu rwe. Icyo yari asabye cyakiranywe ineza ndetse yemererwa ko n’ingamiya ze ziribwuhirwe, icyo kikaba cyari igikorwa cy’akamenyero abakobwa b’ibikomangoma bagiriraga amashyo n’imikumbi ya ba se. Uko niko ikimenyetso yifuzaga yagihawe. Uwo mwari “yari umunyagikundiro cyinshi,” kandi kugira neza kwe atajuyaje byerekanye umutima w’impuhwe na kamere y’inyamurava, kandi y’inyambaraga. Noneho rero ukuboko kw’Imana kwari kumwe na we. Uwo mushyitsi amaze kumushimira iyo neza amugiriye, amuha impano z’igiciro cyinshi, anamubaza ababyeyi be abo ari bo, maze yumvise yuko ari umukobwa wa Betuweli, mwishywa w’Aburahamu, “yikubita hasi aramya Uwiteka.” {AA 110.1}

Uwo mugabo yamusabye icumbi mu rugo kwa se, maze mu mvugo yakoresheje amushimira, agaragazamo ko hari icyo apfana n’Aburahamu. Uwo mwari asubiye imuhira, avuga uko byagenze maze Labani musaza we aherako ajya kuzana uwo mushyitsi n’abo bari kumwe ngo babacumbikire. {AA 110.2}

Eliyezeri ntiyajyaga kugira icyo arya ataravuga ikimugenza, isengesho yasengeye ku iriba, n’uko byagenze kose. Maze aravuga ati, “N’uko niba mushaka kugirira databuja neza, ntimumurerege, nimumbwire: kandi niba mutabyemera nimumbwire; nanjye mpindukire njye iburyo cyangwa ibumoso.” Igisubizo cyabaye ngo, “Ibyo bivuye k’Uwiteka: nta kindi tubasha kukubwira, ari icyiza, cyangwa ikibi. Dore Rebeka ari imbere yawe; mufate umujyane, abe muka mwene shobuja, nk’uko Uwiteka yavuze.” {AA 110.3}

Abo umuryango bamaze kwemeranya, Rebeka ubwe bamubajije niba yashobora kujya kure hangana hatyo, akava iwabo akajya gushyingirwa umuhungu wAburahamu. Kubera ibyari byabaye byose, yizeye ko Imana yari yamutoranyirije kuba umufasha wa Isaka, maze aravuga ati, “Turajyana.” {AA 110.4}

Uwo mugaragu atekereje umunezero shebuja azagira, yumva ashaka gusubirayo vuba; maze mu gitondo barahaguruka barataha. Aburahamu yari atuye i Berisheba, kandi Isaka wari uragiye amatungo mu gihugu bari baturanye, yari yasubiye ku ihema rya se, kuhategerereza intumwa bari batumye i Harani. “Isaka arasohoka, ajya gutembera ku gasozi ni mugoroba, maze yubuye amaso, abona ingamiya ziza zimusanga. Maze Rebeka yubura amaso; abonye Isaka ava ku ngamiya. Abaza wa mugaragu ati: Uriya mugabo ugenda ku gasozi tugiye guhura ni nde? Uwo mugaragu aramusubiza ati: « Ni databuja. » Rebeka yenda umwenda we, yitwikira mu maso. Uwo mugaragu atekerereza Isaka ibyo yakoze byose. Isaka azana Rebeka mu ihema ryari irya nyina Sara, aramurongora, aba umugore we: aramukundwakaza. Isaka ashira umubabaro wa

nyina yapfushije.” {AA 110.5}

Aburahamu yari yarabonye amaherezo yo gushyingiranwa kw’abubaha Imana n’ayo abatayubaha, uhereye mu minsi ya Kayini ukageza mu gihe cye bwite. Yabonaga ingaruka zo kuba yarashatse Hagari, maze akabihuza n’uburyo Ishimayeli na Loti bashatse. Kubura kwizera ku ruhande rw’Aburahamu na Sara byatumye Ishimayeli avuka, aribyo ruvange rw’urubyaro rukiranuka n’urwo abatubaha Imana. Inyigisho Ishimayeli yari yarahawe na se zishwe n’iza bene wabo wa nyina basengaga ibigirwamana, ndetse n’uko Ishimayeli yashatse abagore b’ababapagani. Ishyari rya Hagari n’iry’abagore yatoranyirije Ishimayeli ryagotesheje umuryango wa Ishimayeli urusika Aburahamu yagerageje gukuraho ariko rukamunanira. {AA 111.1}

Inyigisho Aburahamu yari yarahaye Ishimayeli kuva kera kose ntizabuze icyo zimumarira, ariko abagore be ni bo batumye mu muryango we habamo gusenga ibigirwamana. Ubwo yatandukanaga na se akarushywa no gushaka uburyo yabaho mu rugo rutagira urukundo kandi rutubaha Imana, byatumye Ishimayeli ahitamo kuba nk’inyamaswa yo mu gasozi n’igisambo cyo mu butayu, “...azagira undi muntu wese umubisha we, n’abandi bose bazamugira umubisha wabo;...” Itangiriro 16:12. Mu minsi ya nyuma yo kubaho kwe, yarihannye, agarukira Imana ya Se, ariko ikimenyetso cy’imico ye urubyaro rwe rwamukomoyeho nticyasibanganye. Ishyanga rikomeye ry’abanyamahane n’ababapagani ryamukomotseho, bagahora biyenza kandi bagirira nabi urubyaro rw Isaka. {AA 111.2}

Umugore wa Loti yarikundaga, ntiyakundaga idini, maze atuma umugabo we atandukana n’Aburahamu. Loti we ntiyifuzaga kuguma i Sodomu ngo abeho atagira uwo kumugira inama, ariwe mukurambere wubahga Imana; ariko kubera uwo mugore we n’abantu yabanaga na bo muri uwo mudugudu mubi bari barimo, byajyaga gutuma atezuka ku Mana iyo Aburahamu ataba yaramuhaye kera inyigisho zihamye mu kwizera. Gushyingirwa kwa Loti hamwe no guhitamo Sodomu ngo abe ariho atura, byabaye intandaro n’uruhererekane rw’ibibi byagiye bibaho ku isi uko ibihe bihaye ibindi. {AA 111.3}

Nta muntu wubaha Imana wifatanya n’utayubaha ngo abure kugira ingaruka mbi. “Mbese abantu babiri bajyana batasezeranye?” Amosi 3:3. Umunezero no gutera imbere mu rugo biterwa n’uko impande zombi z’abashakanye zishyize hamwe; ariko hagati y’uwizera n’utizera hari itandukaniro rikomeye mu byo bakunda, mu byo bashyizeho umuntima no mu byo bagamije. Baba bakorera abami babiri; kandi nta huriro bagirana. Uko imibereho y’umuntu yaba itunganye kose, ntibyabuza ko uwo babana utizera yamutandukanya n’Imana.

{AA 111.4}

Umuntu wese ushyingiwe atarahinduka mu myizerere ye, kubwo amasezerano, aba yishyize mu nshingano zikomeye zo kudahemukira mugenzi we naho baba badahuje kwizera; nyamara kandi ibikwiriye kugirwa nyambere y'ayandi masano yose tugirira ku isi, ni ibyo Imana ishaka n'ubwo hashobora kuvamo ibigeragezo n'akarengane. Umwuka w'urukundo no kwiyoroshya ushobora gukiza umuntu utizera. Ariko Bibiliya ibuzanya gushyingiranwa k'abakristo n'abatemera Imana. "Ntimwifatanye n'abatizera mudahwanye." 2 Abakorinto 6:14, 17, 18. {AA 111.5}

Isaka yagiriye umugisha ku Mana, ubwo yabaga umuragwa w'amasezerano isi yagombaga kuboneramo umugisha; nyamara ageze ku myaka mirongo ine y'amavuka yicisha bugufi imbere ya se, wari umugaragu wubaha Imana, ngo amushakire umugeni. Kandi ingaruka yuko gushyingiranwa, nk'uko Ibyanditswe bibyerekana, ni icyitegererezo cyiza kigaragaza umunezero mu rugo "Isaka azana Rebeka mu ihema ryari irya nyina Sara, aramurongora aba umugore we: aramukundwakaza. Isaka ashira umubabaro wa nyina yapfushije." {AA 112.1}

Mbega guhabana kuri hagati y'imishakire ya Isaka n'uburyo urubyiruko rw'iki gihe rwitwara, ndetse nabavuga ko ari Abakristo! Kenshi abasore bibwira ko gushaka abo bakunda ari bo bireba bonyine kandi ko nta wundi ukwiriye kubigishwamo inama- yaba Imana cyangwa ababyeyi nta n'umwe ukwiye kugiramo uruhare. Mbere y'uko bagera mu myaka yo gushaka, bibwira ko bo ubwabo bafite ubushobozi bwo kwihitiramo, ababyeyi babo batabafashije. Imyaka mike bamara bashakanye irahagije kugira ngo babone amafuti yabo, ariko biba bitagifite igaruriro. Bwa bwenge buke no kutifata byatumve umuntu ahitamo atitegereje bituma icyo cyaha kiba kibi bikahije, kugeza ubwo abashakanye bibabera umutego ukabije. Muri ubwo buryo rero, abantu benshi bangiza umunezero wabo muri ubu bugingo n'ibyiringiro by'ubugingo bw'ahazaza. {AA 112.2}

Niba hari ikintu gikwiye kwitonderwa kandi niba hari igihe gikenerwamo inama z'abakuru n'inararibonye, ni ighe cyo gushyingirwa; kandi niba hari igihe Bibiliya yakenerwa nk'umujyanama, niba hari igihe ubuyobozi bw'Imana bukwiriye gushakirwa mu masengesho, ni mbere yo gutera intambwe ifatanya abantu hamwe ngo babane by'iteka ryose. {AA 112.3}

Ababyeyi ntibakwiriye kwibagirwa inshingano yabo yo gutegura umunezero w'abana babo mu gihe kizaza. Kuba Isaka atarirengagije inama za se byatewe n'uko yari yaratojwe kandi akundishwa imibereho yo kumvira. Igihe Aburahamu yabwiraga abana be kubaha ababyeyi, imibereho ye ya buri munsi yahamyaga ko nta kwikunda cyangwa igitugu kirimo, ko ahuhwo biba bishingiye ku rukundo, kandi bikaba bigendereye ku kubashakira kubaho neza n'umunezero. {AA 112.4}

Ababyeyi b'abagabo n'ab'abagore bakwiriye kwiyumvisha ko bafite inshingano yo

kuyobora urukundo rw’urubyiruko, kugira ngo bashobore gushaka abagore bakwiriye. Bagomba kwiyumvamo iyo nshingano, binyuze mu nyigisho no mu cyitegererezo batanga, bafasha kubwo ubuntu bw’Imana, kugira ngo batungaye imico mbonera y’abana bakiri bato, ngo babe indakemwa n’imbonera kandi bareshywe n’ibyiza n’ukuri. Ibisa birasabirana. Mureke gukunda ukuri, kubonera n’ineza bishinge imizi mu mitima hakiri kare, kandi urubyiruko ruzashaka kujya mu muryango urangwa n’ibyo.

{AA 112.5}

Mureke ababyeyi bashakishe uko batanga icyitegererezo cy’urukundo no kugira neza bya Data wo mu ijuru, bivuye mu mico mbonera yabo no mu mibereho y’ingo zabo. Mureke mu rugo hasabe umucvo w’izuba. Ibyo bizarutira cyane abana bawe amasambu n’ubutunzi. Mureke urukundo rwo mu muryango rurindirwe mu mitima yabo, maze nibasubiza amaso inyuma, bashobore kubona ko iwabo hari ahantu h’amahoro n’umunezero, hari ijuru rito. Abagize umuryango bose ntibagira imicombonera imwe, kandi buri gihe hazabaho kwimenyereza kwihangana no kubabarira; kandi binyuze mu rukundo no mu kwifata, byose bishobora gufatanyirizwa hamwe. {AA 112.6}

Urukundo nyakuri ni ihame rihambaye kandi ryera, byombi bitandukanye cyane n’urukundo rukomotse ku irari ry umubiri kandi rushira mu kanya gato iyo rugeragejwe bikomeye. Ni mukuba indahemuka ku nshingano ababyeyi babahaye, urubyiruko rukwiriye kwitegurira ubwarwo ingo zabo. Nimureke habe ariho hitorezwa kwizinukwa no kugira neza, ubuntu, n’impuhwe za Gikristo. Nuko rero, urukundo rugurumana ruzakomerezwa mu mutima, kandi uzaturuka mu rugo nk’urwo ngo abe umutwe w’urugo rwe, azamenya uburyo yashakisha icyatera umunezero uwo yatoranyije ngo amubere inshuti mu mibereho ye. Aho kugira ngo gushyingirwa kube iherezo ry’urukundo, kuzaba gusa intangiriro yarwo. {AA 113.1}

I

GICE CYA 16 - YAKOBO NA ESAWU

(Iki gice gishingiye mu Itangiriro 25:19-34; 27)

Yakobo na Esawu, abana b'abahungu ba Isaka bavutse ari impanga, bagaragaje guhabana cyane mu mico no mu mibereho. Uko kudahuza kwari kwarahanuwe na marayika w'Imana bataravuka. Ubwo yasubizaga amasengesho ya Rebeka wasabye ababaye, yahamije ko Rebeka azahabwa abahungu babiri, amuhishurira uko bazabaho mu gihe kizaza, buri wese azaba umutware w'ubwoko bukomeye, ariko umwe akazakomera cyane kurusha undi, kandi ko umutoya azatwara umukuru. {AA 114.1}

Esawu yakuze akunda kwishyira imbere, kandi inyungu ze zabaga zishingiye ku mibereho y'uwo mwanya. Kuko atashoboraga kwihanganira kuguma hamwe, yanezezwaga no kuba mu gasozi ahiga, maze bidatinze ahitamo imibereho yo kuba umuhigi. Nyamara ni we wari umutoni kuri se. Uwo mushumba w'umunyamahoro, utuje, yashimishwaga n'igikundiro n'ibigango by'umuhungu we mukuru, utaratinyaga kurenga imisozi n'ubutayu, agatahukanira se umuhigo kandi agashimishwa no kumutekerereza ibyo yagiye ahura nabyo muri iyo mibereho yo guhiga. Yakobo, wagiraga ibitekerezo byinshi, utarahubukaga, kandi witaga kubyo mu rugo, yahoraga atekereza cyane iby'igihe kizaza kurusha iby'igihe yabaga arimo, yanezezwaga no kwibera imuhira, akita ku matungo kandi agahinga. Nyina yahaga agaciro cyane kwihangana, kudasesagura no guteganya yagiraga. Ingeso ze zari zimbitse kandi zishinze imizi, kandi ubugwaneza no kudahubuka yahoranaga, byongeraga gushimisha nyina cyane kurusha kwirata n'ineza Esawu yagiraga rimwe na rimwe. Kuri Rebeka, Yakobo ni we wari umwana w' umutoni. {AA 114.2}

Amasezerano Aburahamu yari yarahawe yasohorejwe kuri Isaka na Rebeka, aba nk'impamvu ikomeye y'ibyifuzo n'ibyiringiro byabo. Esawu na Yakobo bari baramenyerejwe ibyo ayo masezerano. Bigishijwe ko bagomba guha agaciro gakomeye umurage w'ubukuru, kuko umukuru atagombaga kuragwa gusa ubutunzi bw'isi, ahubwo yagombaga no kuragwa ubutware bw'ibya Mwuka. Uwabuhabwaga yagombaga kuba umutambyi w'umuryango we, kandi mu rubyaro rwe hakaba ariho hazakomoka Umucunguzi w'isi. Ku rundi ruhande, hari inshingano ufite ubukuru yagombaga kuzuza. Uwagombaga kuragwa imigisha y'ubukuru, imibereho ye yagombaga kwegurirwa gukorera Imana. Nk'Aburahamu, yagombaga kugendera mu byo Imana imusaba. Mu gushyingirwa, mu isano ye n'abo umuryango, mu mibanire ye n'abandi, yagombaga kugisha inama ubushake bw'Imana. {AA 114.3}

Isaka yamenyesheje abahungu be ayo mahirwe n'ibyo yari ashingiyeho, anababwira ataziguye ko Esawu, nk'umwana w'imfura, ari we ufite uburenganzira bwo guhabwa ubutware. Ariko Esawu ntiyakundaga gusenga, ntiyitaga ku mibereho

y’iby’Iyobokamana. Ibyajyanaga n’ubutware bw’ibya Mwuka ntiyabyishimiraga ndetse yaranabyangaga nk’ibyari inzitizi kuri we. Amategeko y’Imana, yo shingiro ry’isezerano ry’Imana kuri Aburahamu, yari nk’ingoyi y’uburetwa kuri Esawu. Kuko yihugiragaho, yumvaga atifuza icyamubuza umudendezo wo gukora ibyo ashaka. Kubwe, gukomera n’ubutunzi, kurya no kunywa no kwinezeza byari umunezero. Yanezezwaga n’umudendezo usesuye w’imibereho ye yo kuzerera ku gasozi. Rebeka yibutse amagambo ya marayika maze asoma ashishikaye ngo asobanukirwe neza kurusha umugabo we imico y’abahungu babo. Yaje kwemezwa neza ko amasezerano y’Imana yari yarateganyirijwe Yakobo. Yibukije Isaka amagambo marayika yari yaravuze, ariko kubera ko Isaka yakundaga cyane umuhungu we mukuru, byatumye amagambo ya Rebeka atagira agira icyo amuhinduraho mu migambi ye. {AA 114.4}

Yakobo yari yarabwiwe na nyina ko ari we ijuru ryatoranyije ngo azahabwe ubutware by’ibya Mwuka kandi yuzuwe n’ishyushyu ritavugwa kubwo amahirwe byajyaga kumuzanira. Si ubutunzi bwa se yifuzaga; yashakaga ubutware bw’ibya Mwuka. Gushyikirana n’Imana nk’uko Aburahamu yabigize akiranuka, gutamba igitambo cy’impongano kubwo umuryango we, kuba sekuru w’ubwoko bwatoranyijwe n’ubwa Mesiya wasezeranywe, kuragwa ubutunzi budashira buvugwa mu masezerano - ngayo amahirwe n’icyubahiro yari akeneye cyane. Intekerezo ze zahoraga zishaka gushyikira iby’ahazaza, maze agashaka gusingira imigisha y’ibitagaragara.

{AA 115.1}

Yakobo yariherereye yumva ibyo se yavugaga byose byerekeranye n’ubutware mu bya Mwuka; maze agundira ibyo yari yigishijwe na nyina. Amanywa n’ijoro, imibereho ye yose nta kindi yashyiraga imbere usibye iyo ngingo, kugeza ubwo bimutwaye umutima. Ariko nubwo Yakobo yahaga agaciro imigisha y’ibihoraho kuyirutisha iy’iby’igihe gito, yari ataramenya byimazeyo Imana yubahaga. Umutima we wari utarahindurwa mushya n’ubuntu bw’Imana. Yizeraga ko iryo sezerano ridashobora kumusohoreraho kuko Esawu ari we wari mukuru, maze agahora yiga uburyo yabona imigisha mwene se atitagaho, igihe kuri we yari ifite agaciro gakomeye. {AA 115.2}

Umunsi umwe ubwo Esawu yatahaga ashonje kandi ananiwe cyane avuye guhiga, yasabye Yakobo kubyo kurya yari atetse. Undi yari aboneyeho akanya ko kumwicira isari ariko akabigura ubutware bwe. Uwo muhigi washakaga guhaza irari rye arataka ati: “Ubu se ko ngiye gupfa ubwo butware bumariye iki?” Ku bw’ isahane y’isupu itukura, amuha ubutware bwe abihamishije indahiro. Akanya gato kari gahagije ngo abone ibyo kurya aho mu ihema rya se, nyamara kubwo guhaza irari ry’akanya gato ahubutse, abigurana umurage w’agahebuzo ariwo Imana ubwayo yari yarasezeranyije ba Sekuruza. We yishakiraga iby’ako kanya gusa. Yari yiteguye guhara iby’ijuru kubera iby’isi, ibyiza by’ahazaza akabigurana kwinezeza by’akanya gato. {AA 115.3}

“Uko ni ko Esawu yasuzuguye ubutware bwe.” Igihe yabutangaga yumvise hari umutwaro atuye. Noneho nta cyamukomaga imbere; yashoboraga gukora ibyo yishakiye. Ku bwo uwo munezero wa kinyamaswa, twakwita umudendezo w’ikitiriro, mbega uburyo benshi bakigurisha ubutware bw’umurage uzira inenge kandi udasaza, uhoraho wo mu ijuru! {AA 115.4}

Arangamiye ibigaragara kandi bikurura amaso byo mu isi, Esawu yashatse abagore babiri b’abakobwa b’Abaheti. Ariko kuko basengaga ibigirwamana, bitera Isaka na Rebeka agahinda gakomeye cyane. Esawu yari yangije imwe mu ngingo z’amasezerano yabuzaga ubwoko bwatoranyijwe gushaka mu bapagani; nyamara Isaka yari agikomeje umugambi wo gushaka kumuha ubutware bw’umuryango. Imyumvire ya Rebeka, kuba Yakobo yarifuzaga umugisha bidasubirwaho, kandi Esawu na we akaba atari yitaye ku nshingano ze, ibyo byose ntacyo byahinduye ku mugambi wa se. {AA 115.5}

Imyaka irahita, kugeza ubwo Isaka ageze mu zabukuru n’amaso ye azamo ibirorirori, ategereje gupfa, yiyemeza guha umuhungu we mukuru umugisha atajuyaje. Ariko kuko yari azi ko Rebeka na Yakobo batabishakaga, yafashe umwanzuro wo gukora uwo muhango wera rwihishwa. Agendeye ku byakorwaga ku bw’uwo muhango, uwo mukurambere abwira Esawu ati, ” Fata intwaro zo guhigisha, ikirimba cyawe n’umuheto wawe, ujye mu ishyamba umpigireyo umuhigo; untekere inyama ziryoshye...mbone kuguhesha umugisha ntarapfa.” {AA 116.1}

Rebeka yeretswe ibyo umugambi wa Isaka. Yari azi neza nta gushidikanya ko binyuranyije n’ibyo Imana yahishuye nk’umugambi wayo. Isaka yari mu kaga ko kuba yarakarirwa n’ijuru no kubera umuhungu we muto inkomyi ngo adahabwa icyo Imana yamuhamagariye. Rebeka yagerageje uko ashoboye ngo abyumvishe Isaka, ariko ntibyagira icyo bimara, maze bituma yiyemeza gushaka ingamba z’ukundi yakora.

{AA 116.2}

Ntibyatinze, Esawu aba agiye mu gasozi maze bituma Rebeka abasha kuzuza umugambi we. Yabwiye Yakobo uko byagenze, maze amutegeka kwihutira kugira icyo akora ngo uwo mugisha udahabwa Esawu uko byamera kose. Yijeje umuhungu we ko naramuka akurikije amabwiriza ye, aribuwubone nk’uko Imana yabisezeranye. Yakobo ntiyahereyeko yemera uwo mugambi. Igitekerezo cyo kubeshya se cyaramushenguye. Yumvaga ko icyaha nk’icyo cyamuzanira umuvumo aho kumuhesha umugisha. Ariko iyo mico myiza yaraneshejwe, maze ahitamo gukora ibyo nyina amubwiye. Ntiyari asanganywe umugambi wo kubeshya se, ariko amaze kugera imbere ya se yumva byarangiye nta kundi yagira, adashobora gusubira inyuma, maze ahabwa uwo mugisha yifuje akoresheje uburiganya. {AA 116.3}

Yakobo na Rebeka babonye ibyo bifuzaga ariko byabaviriyemo ibyago n'agahinda gusa kubera kuriganya. Imana yari yavuze ko Yakobo azahabwa ubutware, kandi ijambo ryayo ryajyaga gusohora igihe cyayo gikwiriye gisohoye, iyo bagira kwizera bagategereza ko ibibakorera. Nyamara, nka benshi bavuga ko ari abana b'Imana, banze kwegurira icyo kibazo mu biganza by'Imana. Rebeka yicujije ababaye kubera inama mbi yari yagiriye umuhungu we; kuko cyabaye kimwe mubyatumye atandukana na we ntibongera kubonana ukundi. Uhereye igihe yaherewe ubutware, Yakobo yari aremerewe cyane n'umutima wamuciraga urubanza. Yari yacumuye kuri Se, kuri mwene Se, ku mutima we, no ku Mana. Ibyo yari akoze mu isaha imwe gusa, yabyicujije mu mibereho ye yose. Ndetse ibyo byagaragaye cyane nyuma y'imyaka myinshi ubwo abahungu be bakoraga ibyaha bikababaza umutima we cyane. {AA 116.4}

Ntibyatinze Yakobo agisohoka mu ihema rya se, Esawu na we yahereyeko arinjira. Nubwo yari yagurishije ubutware bwe akabihamisha indahiro, noneho yari yiyemeje guhabwa imigisha yabigenewe atitaye ku byo murununa we avuga. Ubutware mu bya Mwuka bwari bugendanye n'ubutware mu by'umubiri, aribyo byajyaga kumuhesha ubutware bw'umuryango kandi ku butunzi bwa Se, akagiraho umugabane wikubye inshuro ebyiri. Iyo niyo yari imigisha yahaga agaciro gakomeye. Yagize ati, "Data, byuka, urye ku muhigo w'umwana wawe, kugira ngo umpeshe umugisha." {AA 116.5}

Uwo musaza w'impumyi, ubwo yamenyaga ko yariganyijwe, yaratangaye kandi acika intege maze bimutera guhinda umushyitsi. Ibyiringiro bye n'ibyo yiratanaga byarayoyotse, maze aherako yumva neza uburyo umuhungu we mukuru, wari witeguye guhabwa umugisha, agiye kwiheba. Nyamara igitekerezo kimuzamo, kandi kimwemeza ko, bwari ubushake bw'Imana bwatumye igikorwa yari yiyemeje kudakora gikorwa. Yibuka amagambo marayika yabwiye Rebeka, ariko atitaye ku cyaha Yakobo yari yakoze, yabonye ko ari we wari ushyitse ngo asohoze imigambi y'Imana. Igihe yumvaga hari amagambo yo kumuha umugisha yamubwira, yumvise Umwuka amuhanzemo; noneho akomereza Yakobo umugisha yari yamuhaye atabishaka "Ni nde wahize umuhigo, akawunzanira, nkaba nariye kuri byose utaraza, nkamuhesha umugisha? Namuhaye umugisha; kandi koko azanawuhabwa." {AA 117.1}

Esawu yasuzuguye agaciro k'umugisha yagombaga kubona igihe byari bigishoboka kuwubona, ariko ubwo wari wahawe undi by'iteka ryose, nibwo yifuje kuwuhabwa. Ibyo yiringiraga byose n'ibyamushishikazaga muri kamere ye byabonye akito, maze agira agahinda kenshi n'uburakari bwinshi cyane. Yarize bitavugwa agira ati, "Nanjye mpesha umugisha, data wambyaye." "Nta mugisha wansigiye?" Ariko isezerano ryatanzwe ntiryashoboraga kwibukwa. Ubutware yari yaguranye abukerensa ntiyari akibusubiranye. Esawu yagurishije umurage we kubwo intongo y'inyama, kugira ngo ahaze ipfa ry'ibyokurya yari yananiwe gutegeka; ariko ubwo yabonaga ishyano yakoze,

nta garuriro ryari risigaye ngo asubirane umugisha. “Muzi ko bitinze, yashatse ko se amuraga umugisha umukwiye, maze ntiyawubona. Ntiyari agishoboye guhindura ibyo yari yakoze nubwo yabishatse arira.” Abaheburayo 12:16, 17. Esawu ntiyari abujijwe gushakira ineza y ‘Imana mu kwihana, ariko ntiyajyaga kubona uburyo ubwo ari bwo bwose bwo gusubirana ubutware. Agahinda ke ntikatewe no kwemera ko yakoze icyaha; ntiyifuje kongera kwiyunga n’Imana. Yatewe agahinda n’ingaruka z’icyaha cye, ntabwo ari icyaha ubwacyo. {AA 117.2}

Bitewe no kwirengagiza imigisha mvajuru n’inshingano ze, mu Byanditswe Byera, Esawu yitwa “ukerensa iby’Imana” Abaheburayo 12:16. Agereranya abakerensa ugucungurwa Kristo yabeguriye kandi bakaba biteguye kugurana umurage wabo w’ijuru ubutunzi bw’isi bushira. Abantu benshi habaho uko babibona, badatekereza cyangwa ngo bite ku hazaza. Barira nka Esawu bati, “...reka twirire, twinywere, kuko ejo tuzapfa.” 1 Abakorinto 15:32. Bagengwa n’ibyo bararikiye, kandi aho kwimenyereza kwiyanga, baha agaciro ibitagakwiye. Niba umuntu yagombaga kwitanga, kureka ibyo yari ararikiye cyangwa imigisha ijuru ryasezeraniye gusa abiyanga kandi bubaha Imana, irari rigumaho maze abantu bagahinyura Imana n’ijuru. Benshi mu biyita Abakristo bihambira ku bishobora no kwangiza ubuzima kandi bigatera imitima kugwa ikinya. Iyo bahawe inshingano yo kwiyeza ngo bave mu bitagira umumaro by’uyu mubiri, n’umutima, bakagira gutungana bubaha Imana, ibyo birababababaza. Babona badashobora kugumana ibyo bibabaza kandi nanone ngo babone n’ijuru, maze bakanzura bavuga ko ubwo inzira ijya ku bugingo buhoraho yahuranyije batazigera bayinyuramo. {AA 117.3}

Abantu benshi bagurisha ubutware bwabo kubw’irari ry’umubiri. Ubuzima burangizwa, ubwonko bukagira imbaraga nke zo gutekereza, kandi ijuru bakaribona ukundi; byose kubwo umunezero w’akanya gato n’irari, bica intege kandi bigasuzuguza. Ubwo Esawu yakangukaga akabona ubugoryi bwo kugurisha ubutware bwe ahubutse, yibutse ibitereko yasheshe atagishobora kongera kubona ibyo yari yabuze. Niko bizamera ku munsi w’Imana, ku bazaba baraguranye umurage wabo w’ijuru ngo bishimishe bitewe n’inarijye. {AA 118.1}

IGICE CYA 17 - YAKOBO AHUNGA N'UBUHUNGIRO BWE

(Iki gice gishingiye mu Itangiriro 28-31)

Yakobo afite ubwoba ko Esawu yamwica, yavuye mu rugo rwa se nk'impunzi, ariko se amuhaye umugisha; Isaka amwibutsa isezerano yagiranye n'Imana, kandi kuko ari we muragwa w'iryo sezerano, yamubwiye kujya gushaka umugore mu muryango wa nyina i Mezopotamiya. Nyamara, Yakobo yatangiye urwo rugendo rurerure wenyine afite umutima uhagaze. Yagombaga kugenda ibirometero amagana mu gihugu kidatuwe, kirimo amoko y'abantu b'inkazi kandi b'inzererezi, yitwaje inkoni ye gusa. Kubw'akababaro n'ubwoba yari afite, agerageza kwirinda guhura n'abantu kugira ngo mwene se wari warakaye atamenya aho yanyuze akahamukurikira. Yari afite ubwoba bw'uko yari abuze burundu umugisha Imana yari yamuteganyirije; kandi na Satani yari amuri bugufi akomeza kumugerageza. {AA 119.1}

Umugoroba w'umunsi wa kabiri wamusanze ageze kure y'amahema ya se. Yumvaga ari igicibwa, kandi yamenye ko amakuba ye yose yayatewe n'inzira mbi yahisemo. Agira ubwihebe mu mutima we ku buryo bitari bimworoheye no gusenga. Ariko kandi yari ari mu bwigunge buteye ubwoba ku buryo yumvaga akeneye cyane uburinzi bw'Imana kurusha mbere hose. Yihana icyaha cye arira kandi ashobewe maze yingingira Imana kumwereka ikimenyetso cy'uko itamuretse. Nanone kandi umutima we wari uremerewe ntiworohewe. Nta byiringiro byari bikimurimo, kandi yatinyaga ko Imana y'ababyeyi be yamugize igicibwa. {AA 119.2}

Nyamara Imana ntiyari yamuretse. Imbabazi zayo zari zikiri ku mugaragu wayo wari wahabye kandi utari uwo kwiringirwa. Uwiteka ku bw'urukundo rwinshi, yagaragaje ko Yakobo yari akeneye gusa Umukiza. Yari yaracumuye, ariko umutima we wari wuzuye ishimwe kubwo guhishurirwa uburyo yakongera kugirirwa neza n'Imana. {AA 119.3}

Aguye agacuho kubera urugendo, uwo mugenzi arambarara hasi, yisegura ibuye. Ubwo yari asinziriye, abona urwego rurerure kandi rurabagirana rushinze ku isi, umutwe warwo ukagera mu ijuru. Kuri urwo rwego, abamarayika bamwe barazamukaga kandi abandi bakarumanukiraho; Uwiteka nyiri ikuzo yari ahagaze ku mutwe warwo kandi ijwi rye ryumvikaniye mu ijuru rivuga riti, "Ndi Uwiteka, Imana ya sogokuru Aburahamu, Imana ya Isaka." Aho yari aryamye nk'impunzi n'umusuhuke yasezeraniwe kuzaharaganwa n'abamukomokaho, yizezwa ko "muri wowe no mu

rubyaro rwawe, ni mo imiryango yose yo mu isi izaherwa umugisha.” Iryo sezerano ryari ryarahawe Aburahamu na Isaka, ubwo ryari rivugururiwe kuri Yakobo. Noneho rero, bitewe n’irungu n’ubwihebe yari arimo, havuzwe amagambo amuhumuriza kandi amusubizamo intege mu buryo budasanzwe ngo “Dore, ndi kumwe na we, nzakurindira aho uzajya hose, kandi nzakugarura muri iki gihugu; kuko ntazagusiga ntarakora ibyo nkubwiye.” {AA 119.4}

Uwiteka yari azi imbaraga z’ibibi byajyaga kugota Yakobo, n’amakuba yari gusakirana na yo. Ku bw’ imbabazi ze, yeretse iyo mpunzi yari imaze kwihana ibizayibaho kugira ngo isobanukirwe n’umugambi ijuru riyifitiye, kandi yitegure guhangana n’ibigeragezo yajyaga guhura na byo iri yonyine hagati y’abasengaga ibigirwamana n’abagambanyi. Hari urugero yagombaga kugeraho; kandi kumenya ko umugambi w’Imana uzasoherezwa muri we byajyaga gutuma akomeza kuba indahemuka.

{AA 119.5}

Muri izo nzozi, umugambi w’agakiza werekwa Yakobo atari mu buryo burambuye, ahubwo yeretswe umugabane w’ingenzi yari akeneye icyo gihe. Urwo rwego rw’amayobera yeretswe mu nzozi, rwari rumwe n’urwo Yesu yavuze igihe yaganiraga na Natanayeli: “...muzabona ijuru rikingutse, abamarayika b’Imana bazamuka bavuye ku Mwana w’umuntu bakamumanukiraho.” Yohana 1:51. Mbere y’uko umuntu yigomeka ku butegetsi bw’Imana, umuntu yari afite umudendezo usesuye wo gusabana n’Imana. Ariko icyaha cya Adamu na Eva cyatandukanyije isi n’ijuru, ku buryo umuntu atagishobora kugirana umushyikirano n’Umuremyi we. Nyamara isi ntiyasigaye idafite ibyiringiro. Urwo rwego rugereranya Yesu, ari We watoranyijwe kuduhuza n’Imana. Iyo ataza kuba urutindo rw’umworera icyaha cyari cyaciye, abamarayika ntibari gushobora gukorera umuntu wacumuye. Kristo ahuza umuntu w’umunyantege nke kandi w’impabe n’isoko y’ubushobozi butagira akagero. {AA 120.1}

Ibyo byose byahishuriwe Yakobo mu nzozi ze. N’ubwo ako kanya yasobanukiwe na bimwe mu byo yahishuriwe, ukuri gukomeye kandi gutangaje yagombaga kukwigira mu mibereho ye kugira ngo arusheho gusobanukirwa birambuye. {AA 120.2}

Yakobo yabadutse mu bitotsi igihe ijoro ryari rijigije. Inzozi zari zarangiye. Umucyo w’inyenyeri ni wo watumaga ahweza buke akabona ikirere n’urugeregere rw’imisozi y ‘imirambi. Ariko yari azi neza adashidikanya ko Imana iri kumwe na we. Muri uko kuba wenyine, yiyumvisemo ko hari uwo bari kumwe n’ubwo atamubona. “Ni ukuri Uwiteka ari aha hantu; nanjye nkaba ntabimenye. Aha hantu nta handi ni inzu y’Imana, n’irembo ry’ijuru.” {AA 120.3}

“Yakobo azinduka kare, afata rya buye yari yiseguye, ararishinga arisukaho amavuta y’elayo ngo ribe urwibutso. Nk’uko byari bisanzwe mu muhango wo kwibuka igikorwa

nk’icyo cy’ingenzi, Yakobo yashyizeho urwibutso rw’imbabazi z’Imana, kugira ngo naramuka anyuze muri iyo nzira, ajye atinda aho hantu aramya Uhoraho. Nuko “aho hantu ahita Beteli, cyangwa “inzu y’Imana.”Mu ishimwe rikomeye, asubiramo isezerano ry’uko Imana iri kumwe na we; kandi noneho ahiga umuhigo ati: “Imana nibana nanjye, ikandindira muri uru rugendo ngenda, ikajya impa ibyo kurya n’ibyo kwambara, nkazagaruka kwa data amahoro, Uwiteka azaba Imana yanjye; n’iri buye nshinze nk’inkingi izaba inzu y’Imana: kandi ku byo uzajya umpa byose sinzabura kuguha kimwe mu icumi.” {AA 120.4}

Yakobo ntiyari aho ashaka kugirana ubwumvikane n’Imana. Uwiteka yari yaramusezeranyije ihirwe kera kose, kandi uwo muhigo waturukaga mu mutima wuzuye ishimwe kuko yari yizeye adashidikanya urukundo n’imbabazi by’Imana. Yakobo yumvaga ko hari ibyo Imana imusaba agomba kuyitura, kandi ko impano idasanzwe y’imbabazi ijuru ryamugiriye isaba inyiturano. Niko biri kandi ko imigisha iyo ariyo yose duhabwa dukwiye kuyishimira byimazeyo Nyiri ukuyitanga. Umukristo akwiriye guhora yibuka kandi agashimira ibintu byinshi bikomeye Imana yagiye imugirira; ikamurinda mu bigeragezo, ikamwugururira amarembo igihe we yabonaga ari mu icuraburindi kandi atabona aho amenera, ikamuhumuriza acogoye. Agomba kwibuka ibyo byose ko ari ibihamya by’uburinzi bw’abamarayika baturutse mu ijuru. Igihe abonye imigisha itagira uko ingana akwiriye kwibaza ati, “Ibyiza Uwiteka yangiriye byose, ndabimwitura iki?”Zaburi 116:12. {AA 120.5}

Igihe cyacu, impano zacu, ubutunzi bwacu, bigomba kwegurirwa uwaduhaye iyo migisha atwiringiye. Igihe cyose tugiriwe ineza y’ umwihariko, cyangwa tukabona ibyiza tutari twiteze, tuba dukwiriye gushimira Imana ubuntu bwayo itugirira, atari ukubivuga mu magambo gusa, ahubwo nk’uko Yakobo yabigenje, dutanga impano cyangwa amaturo ku bwo umurimo wayo. Nk’uko duhora twakira imigisha y’Imana, ni ko dukwiriye guhora dutanga. {AA 121.1}

“Yakobo aravuga ati: “Kubyo uzajya umpa byose, sinzabura kuguha kimwe mu icumi.” Mbese twebwe abahawe umucyo ushyitse n’amahirwe dukesha ubutumwa bwiza, tuzashimishwa no guha Imana bike kurusha abakera batari bafite amahirwe nk’ayacu? Mbese uko duhabwa imigisha irushijeho kuba myinshi si ko n’ibyo dukwiriye gutanga bikwiriye gusumbaho? Nyamara mbega ukuntu ari ubwenge buke kubarisha imibare, igihe, amafaranga, n’urukundo tukabigereranya n’urukundo rutagira akagero n’impano tudashobora kwiyumvisha agaciro katagereranywa. Mbega icyacumi tuzanira Kristo! Mbega ubusabusa, buteye isoni twitura ibyo agaciro kenshi! Ku musaraba w’i Kalvari, ni ho Kristo aduhamagarira kwitanga tutizigamye. Ibyo dufite byose, uko turi kose, bigomba kwegurirwa Imana. {AA 121.2}

Amaze kuvugurura kwizera kwe mu masezerano yagiranye n’ijuru, kandi yemejwe neza

ko ari kumwe n’abamarayika bo mu ijuru, Yakobo yakomeje urugendo rwe ajya “mu gihugu cy’abana b’Iburasirazuba.” Itangiriro 29:1. Mbega urugendo rwe ngo ruratandukana n’urwo umugaragu wa Aburahamu na we wagiyeyo hafi imyaka ijana yari ishize! Uwo mugaragu we yari yagiye afite abamuherekeje benshi bagendera ku ngamiya, bafite amaturo y’igiciro cyinshi y’izahabu n’ifeza; ariko uwo muhungu we yari wenyine agendesha ibirenge, kandi uretse inkoni ye, nta kindi yari afite. Nk’uko umugaragu wa Aburahamu yabigenje, Yakobo na we yaruhukiye ku iriba, kandi ni ho yahuriye na Rasheli, umukobwa muto wa Labani. Noneho ni Yakobo wagize icyo akora, akuraho igitare cyari gipfundikiye iriba maze yuhira imikumbi. Ababwiye ko ari mwene wabo, baramwishimira bamujyana kwa Labani. N’ubwo yari aje ntacyo afite kandi ari wenyine, nyuma y’ibyumweru bike yerekanye agaciro k’ubushishozi n’ubushobozi bye, maze bamusaba kugumana na bo. Banavugana ko azakorera Labani imyaka irindwi kugira ngo amushyingire Rasheli. {AA 121.3}

Mu bihe bya kera, iyo umusore yajyaga gushaka umugore, mbere y’uko ubukwe buba, yagombaga guha sebukwe umubare w’amafaranga runaka cyangwa ibintu bifite agaciro kangana n’ayo mafaranga, hakurikijwe uko yabaga ameze. Ibyo byagaragaraga nk’ibihamya isano y’abashakanye. Ababyeyi ntibizeraga ko abakobwa babo bazatunganirwa baramutse basanze abagabo batigeze bateganya ibyangombwa byo kuzafasha umuryango wabo. Iyo babaga badafite ubutunzi buhagije n’umwete byo gukora ngo babone amatungo cyangwa amasambu, byateraga impungenge ko imibereho yabo nta gaciro izagira. Ariko hari uburyo bwari bwarashyizweho bwo kugerageza ababaga nta cyo bafite cyo gukwa ngo bahabwe umugeni. Bemererwaga gukorera se w’umukobwa bakunda, bagakora igihe kingana n’agaciro k’inkwano basabwe. Iyo umusore yerekanaga ko ari indahemuka mu byo akora kandi ko akwiriye, yahabwa umukobwa akamugira umugore we; kandi nk’uko bisanzwe, inkwano se w’umukobwa yabaga akwerewe, yahabwaga uwo mukobwa ho indongoranyo igihe ashyingiwe. Ku byerekeye Rasheli na Leya, ku bwo kwikunda, Labani yanze guha Rasheli na Leya inkwano zabo bagombaga guhabwa; ubwo bazimusabaga mbere yo kuva i Mezopotamiya, barabivuze bati, ‘Ko yatuguze akarya ibiguzi byacu.” {AA 121.4}

Umuco wa kera, nubwo kenshi na kenshi wateshwaga agaciro nk’uko Labani yabigenje, wazanaga ingaruka nziza. Iyo umusore ushaka umugeni yategekwaga gukora kugira ngo amuhabwe, ubukwe bw’ikubagahu barabwirindaga, maze hakabaho umwanya wo kugerageza urukundo rw’umusore ndetse n’ubushobozi bwe bwo kwita ku muryango. Muri iki gihe cyacu, ingorane nyinshi ziravuka iyo benshi bagerageje gukurikiza inzira nk’iyo. Niko bikunda kumera iyo abantu batagize umwanya uhagije wo kumenyana mu mico no mu migirire mbere yo gushyingiranwa, kandi ku byerekeye imibereho ya buri munsi, ntibaba baziranye igihe basezeranira ku ruhimbi ko bazabana. Benshi basanga kuba badahuje bitakigize igaruriro, maze kubana kwabo bikabaviramo kubaho nabi mu

mibereho yabo yose. Kenshi umugore n’abana babaho nabi bitewe n’ubunebwe n’imikorere mibi cyangwa ingeso mbi by’umugabo kandi w’umubyeyi. Iyaba imico y’umusore yabanzaga kugeragezwa mbere yo gushyingirwa nk’uko umuco wa kera wari umeze, umubabaro mwinshi wakwirindwa. {AA 122.1}

Imyaka irindwi Yakobo yakoze akiranutse kugira ngo ahabwe Rasheli, n’indi yakoze “yasaga n’iminsi mike kuri we, bitewe n’urukundo yamukundaga.” Ariko Labani wikundaga kandi wagundiraga, yifuje kugumana Yakobo ngo amukorere, amugirira nabi amushyingira Leya mu cyimbo cya Rasheli. Kuko Leya na we yagize uruhare mu kuriganywa kwe, byatumye Yakobo yiyumvamo ko atazamukunda. Uburakari yagiriye Labani bwamazwe n’indi myaka irindwi yakoze ngo ahahwe na Rasheli. Ariko Labani akomeza guhata ko Leya atakwirukanwa, kuko byari kuzanira umuryango umuvumo. Yakobo yashyizwe mu kigeragezo gikomeye kandi kibabaje cyane; ku iherezo ahitamo kugumana Leya kandi akanashyingirwa Rasheli. Rasheli ni we wakundwaga cyane; ariko kuba yaratoranyijwe byatumye abo bavandimwe bari basangiye umugabo bagirirana ishyari, maze agira imibereho imushaririye cyane. {AA 122.2}

Imyaka makumyabiri Yakobo yamaze i Mezopotamiya akorera Labani, wirengagije isano bari bafitanye, kwari ukugira ngo inyungu z’imirimo yabo azikubire. Imyaka cumi n’ine Yakobo yakoze ngo ahabwe abakobwa babiri; hanyuma indi isigaye ibihembo bye bihindagurika incuro cumi. Nyamara imirimo ya Yakobo yari myiza kandi itunganye. Amagambo yabwiye Labani ubwo yamubazaga bwa nyuma agaragaza ukutiganda yari afite mu murimo yakoraga ngo asohoze ibyo Shebuja yashakaga: “Mu myaka makumyabiri twamaranye, nta ntama yawe cyangwa ihene yawe yigeze iramburura, nta mfizi n’imwe yo mu mukumbi wawe nariye. Iyo itungo ryicwaga n’inyamaswa nararikurihaga, hagira iryibwa ku manywa cyangwa nijoro ukarinyishyuza!Ku manywa izuba ryarantwikaga, nijoro nkicwa n’imbeho kandi sinigere ngoheka.” {AA 122.3}

Ni ngombwa ko umushumba arinda umukumbi ku manywa na nijoro. Umukumbi uba wugarijwe n’abanyazi n’inyamaswa z’inkazi by’uburyo bwinshi kandi by’inyaryenge, kandi bishobora kugirira nabi umukumbi igihe utarinzwe bihagije. Yakobo yari afite abamufashaga kwita ku mukumbi munini wa Labani, kandi na we yarabagenzuraga bose. Ibihe bimwe by’umwaka, yagombaga kuba hafi y’imikumbi ubwe, kugira ngo ayirinde; nko mu gihe cy’izuba ngo ye kwicwa n’inyota, cyangwa ngo yicwe n’imbeho ya nijoro mu mezi y’imbeho nyinshi. Yakobo ni we wari umutahira; hari abungeri bamuragiriraga. Iyo hagiraga intama ibura, umutahira ni we wahombaga; kandi yahamagaraga abungeri yabaga yashinze kwita ku mukumbi, iyo yabonaga umukumbi udakenutse kugira ngo abakebure. {AA 123.1}

Imibereho y’umwungeri yo kugira kwihangana no gukenura, kandi akagirira impuhwe ibiremwa bitagira kivurira yaragijwe, yakoreshejwe n’abanditsi bahumekewemo na

Mwuka w’Imana, berekana ukuri guhebuje k’ubutumwa bwiza. Kristo, mu isano afitanye n’ubwoko bwe, agereranywa n’umwungeri. Nyuma yo gucumura k’umuntu, yabonye intama ze zigiye kurimbukira mu nzira z’umwijima w’icyaha. Kugira ngo agarure izo nzimizi, yasize icyubahiro n’ubwiza byo mu rugo rwa Se. Aravuga ati,“Izari zazimiye nzazishaka, n’izari zirukanywe nzazigarura, izavunitse nzazunga, izacitse intege nzazisindagiza ... ngiye kurokora umukumbi wanjye, ntabwo zizaba iminyago ukundi. Ntabwo zizongera kuba iminyago y’abanyamahanga, cyangwa gutanyagurwa n’inyarnaswa zo mu gihugu.” Ezekiyeli 34:16, 22, 28. Ijwi rye rirazihamagara ngo zize mu kiraro cye, “... ku manywa hazabaho ihema ryo kuzana igicucu kubera icyokere, ribe ubuhungiro n’ubwugamo bw’ishuheri n’imvura.” Yesaya 4:6. Kwita ku mukumbi kwe ntibirambirana. Izacitse intege arazisindagiza, agahumuriza izibabaye, agafata abana b’intama mu maboko ye, kandi akabatwara mu gituza cye. Intama ze ziramukunda. “Undi ntizamukurikira ahubwo zamuhunga, kuko zitazi amajwi y’abandi.” Yohana 10:5. {AA 123.2}

Kristo aravuga ati, “Umwungeri mwiza apfira intama ze. Naho umucanshuro w’ingirwamushumba utari nyir’intama, abona isega ije agatererana intama agahunga. Nuko isega ikazisumira ikazitanya. Igituma yihungira ni uko ari umucanshuro, intama ntizimushishikaze. Nijye mwungeri mwiza. Uko Data anzi nanjye nkamumenya, niko nzi intama zanjye na zo zikamenya.” Yohana 10: 11-14.

{AA 123.3}

Kristo, Umwungeri Mukuru, yaragije umukumbi we abigishwa be ngo bawiteho nk’abashumba bato; kandi abasaba ko babikora nk’uko yabyikorera, kandi bakiyumvamo iyo nshingano yera bahawe. Abasaba kuba indahemuka, bakaragira umukumbi, bagasindagiza izicitse intege, bagahumuriza izirushye, kandi bakazirinda ibirura. {AA 123.4}

Mu gukiza intama ze, Kristo yatanze ubugingo bwe; kandi yashyizeho abashumba ngo bazikunde nk’uko na we yababereye icyitegererezo. Ariko “umucanshuro ...utari nyir’intama,” ntabwo yita ku mukumbi. Akorera ibihembo, kandi arikunda ubwe. Akurikirana inyungu ze aho kwita kubyo yashinzwe; kandi iyo bigeze mu gihe cy’amakuba, cyangwa ingorane, arihungira agasiga umukumbi. {AA 123.5}

Intumwa Petero yihanangiriza abashumba agira ati: “Muragire umukumbi w’Imana yabaragije mubikore mutinuba, ahubwo mubikunze nk’uko Imana ishaka, mubikore mutabitewe no kwishakira inyungu ahubwo mubyitangiye. Ntimugatwaze igitugu abo mwaragijwe, ahubwo mubere ubushyo urugero rwiza. 1 Petero 5:2, 3. Pawulo aravuga ati: “Mwirinde ubwanyu, murinde n’umukumbi wose mwaragijwe na Mwuka Muziranenge. Muragire itorero rya Kristo ryaguzwe amaraso ye. Nzi neza ko nimara kugenda impyisi z’ibirura zizabageramo, ntizibabarire umukumbi.” Ibyakozwe

n’Intumwa 20:28, 29. {AA 124.1}

Abadashaka bose umurimo wo kugira neza n’umutwaro wo kuba umwungeri ukiranuka, barihanangirizwa n’intumwa ngo, “mudahatwa, ahubwo mubikunze; mutishakira indamu, ahubwo mubyitangiye.” 1Petero 5:2. Abungeri bose badakiranuka, Umwungeri Mukuru yifuza kubareka. Itorero rya Kristo ryaguzwe amaraso Ye, kandi buri mwungeri wese agomba kumenya ko intama yaragijwe ari iyo igiciro cyinshi. Ntagomba kuzifata nk’izifite agaciro gato, kandi ntagomba gucogorera kuzigirira neza ngo zigire ubuzima buzira umuze. Umwungeri wuzuwe n’Umwuka wa Kristo azigana urugero Rwe rwo kwiyanga, adahwema gushakira abo ashinzwe imibereho myiza, kandi umukumbi uzashisha kubera ko awitaho. {AA 124.2}

Bose bazahamagarirwa gutanga imimuriko y’ibyo bahawe gukora. Umutware azababaza umushumba wese ati “Umukumbi wahawe kuragira uri he, wa mukumbi mwiza? Yeremiya 13:20. Uwo uzasangwa akiranuka, azahabwa ibihembo bikomeye. “Ubwo Umushumba mukuru azaba ahingutse, muzahembwa ikuzo ariryo kamba ritangirika ry’abatsinze.” 1 Petero 5:4.

{AA 124.3}

Ubwo Yakobo yari arambiwe gukorera Labani, yagambiriye gusubira i Kanani. Yabwive sebukwe ati, “Nsezerera ngende, njye iwacu mu gihugu cyacu. Njyane n’abagore banjye n’abana banjye, nigendere: kuko nababonye ngukoreye. Uzi neza ko nagukoreye imirimo myinshi.” Ariko Labani amuhatira kuguma aho, aramubwira ati, nahishuriwe ko imigisha yose Uwiteka yampaye ari wowe nyikesha.” Yabonye ko ubutunzi bwe burimo kwiyongera kuko mwishywa we wabwitagaho. {AA 124.4}

Yakobo ati, “...ayo wari ufite ntaraza yari make, none yarororotse aba menshi cyane aho nziye.” Ariko uko ibihe byahitaga, niko Labani yakomezaga kugira ishyari ry’amahirwe ya Yakobo, “wagwizaga ubutunzi cyane, kandi akagira amashyo menshi, abaja benshi n’abagaragu benshi, n’ingamiya, n’indogobe nyinshi.” Abahungu ba Labani bafatanyije na se kugirira Yakobo ishyari, maze amagambo yabo yo gusebanya agera kuri Yakobo. Baravugaga bati, ” Yakobo yatwaye ibya data byose, umutungo wa data niwo wamukijije. Maze nawe abona yuko Labani atakimureba neza nka mbere.” {AA 124.5}

Yakobo aba yaratandukanye na mwene wabo w’incakura hakiri kare, ariko agira ubwoba bwo guhura na Esawu. Noneho ubwo yumvaga abahungu ba Labani bamumereye nabi, babonaga yuko ubutunzi bwe bwari ubwabo, bajyaga kubumwambura bamugiriye nabi. Yari amanjiriwe kandi ahagaritse umutima, atazi aho yakwerekera. Ariko kuko yibukaga isezerano ry’ubuntu ry’i Beteli, yabituye Imana, ayisaba kumuyobora. Mu nzozi ni ho yaboneye igisubizo cy’ibyo yasabye “haguruka,

uve muri iki gihugu, usubire mu gihugu cya so na sokuru na bene wanyu, nanjye nzabana nawe” {AA 124.6}

Igihe Labani yari adahari byatumye Yakobo abona akanya ko kugenda. Imikumbi n’amashyo byakoranyijwe vuba na bwangu, maze babishyira imbere, n’abagore be, n’abana be, n’abagaragu be. Yakobo yambuka uruzi rwa Ufurate, agana i Galeyadi, ku ngabano za Kanaani. Nyuma y’iminsi itatu, Labani abwirwa ko Yakobo yigendeye, maze aherako aramukurikira, abageraho hashize iminsi irindwi mu rugendo. Yari afite uburakari bwinshi kandi yari afite umugambi wo kubagarura ku ngufu, kuko atashidikanyaga ko byamunanira, kuko yari afite ingabo zikomeye. Izo mpunzi zari mu kaga gakomeye. {AA 125.1}

Kuba ataragize ikibi amubwira cyabangamira urugendo rwe, byatewe n’uko Imana ubwayo yahitambitse ngo irinde umugaragu wayo. “Nabashaga kubagirira nabi, ariko Imana ya so yaraye imbwiyeiti: wirinde, ntugire icyo ubwira Yakobo cyabangamira urugendo rwe,” ibyo bisobanura ko yagombaga kumugarura ku ngufu, cyangwa se kumuhendahenda. {AA 125.2}

Labani yafatiriye inkwano z’abakobwa be kandi akomeza kugirira nabi Yakobo akoresheje ubucakura no kumubwira nabi; ariko icyo gihe yashatse kumwereka ko amutonganya amuhora ko yagiye adasezeye bigatuma Labani atagira ibirori ndetse ngo asezere ku bakobwa be no ku bana babo. {AA 125.3}

Yakobo yasubije Labani amweruriye kubera kwikunda no kwikubira bye kandi amusaba kumubera umuhamya w’uburyo yari umwizerwa n’umunyakuri. “Iyaba Imana ya data, Imana ya Aburahamu, Imana ya Isaka nubaha, itabanye nanjye, ntuba warabuze kunsezerera nkagenda amara masa. Imana yabonye kugirirwa nabi kwanjye n’umuruho w’amaboko yanjye, iri joro ryakeye iragukangara.” {AA 125.4}

Labani ntiyajyaga kubihakana, ahubwo noneho asaba yuko bagirana isezerano ryo kutazagirirana nabi. Yakobo yaremeye maze hubakwa igishyinga cy’amabuye ngo kibe ikimenyetso cy’isezerano. Labani yita icyo gishyinga Misipa, bivuga ngo “Uwiteka azatugenzure igihe tuzaba tutakiri kumwe.” {AA 125.5}

Maze na Labani abwira Yakobo ati, “Reba iki gishyinga, kandi urebe n’iri buye nshinze biri hagati yacu, byombi bitubere abahamya, sinzarenga iki gishyinga ngo nze kukugirira nabi, na we ntukakirenge ngo urenge n’iri buye uze kungirira nabi. Imana ya Aburahamu, Imana ya Nahori, Imana ya ba se izadukiranure. Yakobo arahira Iyo Isaka se yubaha.” Kugira ngo bakomeze iryo sezerano barasangiye. Bakesha ijoro basabana; maze bukeye Labani n’abantu be baragenda. Nyuma y’uko gutandukana nta yindi sano yongeye kuba hagati y’abana b’Aburahamu n’abantu b’i Mezopotamiya. {AA 125.6}

IGICE CYA 18 - IJORO RYO GUKIRANA

(Iki gice gishingiye mu Itangiriro 32-33)

Nubwo Yakobo yavuye i Padanaramu kubwo kumvira amabwiriza y'Imana, yanatinyaga gusubiza inzira yaherukaga kunyuramo mu myaka makumyabiri ahunze. Icyaha cyo kubeshya se cyamuhoraga imbere. Yari azi ko kuba yaramaze igihe kirekire mu buhungiro byaba byaratewe n'icyo cyaha, kandi yahoraga atekereza kuri ibyo bintu amanywa n'ijoro, maze umutimanama wamuregaga utuma agira urugendo rubabaje. Ubwo yabonaga imisozi y'igihugu cy'iwabo imbere ye, umutima w'uwo mukurambere wahise ugera kure cyane. Ibya kera byose yahise abyibuka abibona imbere ye. Ubwo yibukaga icyaha cye yanibutse ineza Imana yamugiriye, n'amasezerano yo gufashwa na yo no kuyoborwa na yo. {AA 126.1}

Ubwo yendaga kurangiza urugendo rwe, gutekereza Esawu byatumye ahagarika umutima bikomeye. Nyuma yo guhunga kwa Yakobo, Esawu yiyumvisemo ko ari we uzaragwa ibyo se yari atunze byose. Kumva rero ko Yakobo atahutse, byajyaga kumutera ubwoba ko azanywe no kwishyuza umurage. Esawu rero yashoboraga kugirira nabi bikomeye murumuna we, iyo aza kumuca urwaho, atari ugushaka kwihorera gusa, ahubwo ari no kugira ngo agumane umutungo yari amaranye igihe kirekire cyane. {AA 126.2}

Na none Uwiteka yongeye guha Yakobo ikimenyetso cy'uko azamurinda. Ubwo yerekezaga mu majyepfo y'umusozi wa Gileyadi, haje imitwe ibiri y'ingabo z'abamarayika bo mu ijuru, umutwe umwe ujya imbere ye, undi ugenda inyuma ye, uko akomeza urugendo n'abantu be, abo bamarayika bakomezanya na bo nk'aho babarinze. Yakobo yibutse inzozi yagiriye i Beteli kera, maze umutima we wari uremerewe uraruhuka kuko yari afite igihamya cy'uko intumwa z'Imana zamuteye ibyiringiro zikanamukomeza ubwo yahungaga ava i Kanani, ni na zo zizamubera umurinzi agarutse. Aravuga ati, "Aba ni umutwe w'ingabo z'Imana: maze aho hantu ahita Mahanayimu." Bisobanura, "imitwe ibiri, cyangwa amahema." {AA 126.3}

Na none Yakobo yiyumvisemo ko akwiriye kugira icyo akora ngo atekane. Nuko atuma intumwa zijya kuramutsa Esawu zifite ubutumwa bwo kumwurura. Yabahaye amabwiriza y'amagambo nyakuri bagomba kubwira Esawu. Byari byaravuzwe mbere y'uko abo bavandimwe bavuka, ko umukuru azaba umugaragu w'umuto, maze, kugira ngo ibyo bitongera kubyutsa uburakari, Yakobo abwira abagaragu be ko batumwe kuri "databuja Esawu;" igihe bamugeraga imbere, bagombaga kuvuga shebuja nka "umugaragu wawe Yakobo," kandi kugira ngo ashire ubwoba bw'uko agarutse, nk'impabe idafite shinge na rugero kwaka umunani kwa se, Yakobo yaritonze avuga mu butumwa bwe ati, "mfite inka, n'indogobe, n'imikumbi n'abagaragu n'abaja, none

aratwohereje ngo tubikumenyeshe kugira ngo uzamwakire.” {AA 126.4}

Ibiramambu, intumwa zagarutse zibwira Yakobo ko Esawu atasubije ubwo butumwa bwa gicuti, kandi aje kumusanganira ari kumwe n’abantu magana ane. Byagaragaraga ko nta kabuza Esawu yari aje kwihorera. Ubwoba butaha abantu bose bo mu nkambi. “Yakobo agira ubwoba bwinshi, ahagarika umutima.” Ntiyashobora gusubira inyuma, kandi yatinyaga gukomeza urugendo. Abantu be batari bafite intwaro kandi badafite uburinzi, ntibari baniteguye na gato kurwana n’abo bashobora guhura na bo bakabasagarira. Yabagabanyijemo amatsinda abiri, kugira ngo itsinda rimwe nirisakizwa, irindi rize kubona uburyo bwo kurokoka. Yoherereje Esawu impano z’ineza azikuye mu mikumbi ye migari, ziherekereshwa ubutumwa bw’ubugwaneza. Yakoze ibyo byose kugira ngo ahongerere icyaha yari yarakoreye mwene se, no gucubya ingorane zendaga kumugeraho, maze noneho mu kwicisha bugufi no kwihana, yinginga Imana ngo imurinde agira ati: ” Warambwiye uti, ‘subira mu gihugu cyawe no muri bene wanyu, nanjye nzakugirira neza. Njyewe umugaragu wawe, sinari nkwiriye ineza n’umurava wangiriye. Dore nambutse ruriya ruzi Yorodani mfite inkoni yanjye gusa, none ngarukanye n’umutungo nagabanyijemo amatsinda abiri! Ndakwinginze unkize mwene data Esawu, kuko ntinya ko yanyicana n’abana na ba nyina.” {AA 126.5}

Bari bageze noneho ku mugezi wa Yaboke, maze ijoro riguye, Yakobo yohereza umuryango we ngo wambuke umugezi, maze we asigara inyuma. Yahisemo kurara asenga, kuko yifuzaga kwihererana n’Imana wenyine. Imana yashoboraga koroshya umutima wa Esawu. Ibyiringiro bye byari gusa ku byo se yamubwiye.

{AA 127.1}

Hari ahantu hitaruye, agace k’imisozi, kadatuwe, uretse inyamaswa zo mu gasozi, abambuzi n’abicanyi. Yakobo ari wenyine kandi, adafite uburinzi, arunama ahagaritse umutima cyane, maze arasenga. Hari mu gicuku. Abe yakundaga bose bari kure ye, bashobora kugira ibyago ndetse bagapfa. Icyari kirushije ibindi byose kuba kibi, ni uburyo yatekerezaga icyaha cye cyazaniye akaga inzirakarengane. Mu gutaka cyane kandi arira, asengera imbere y’Imana. Ako kanya yumva ukuboko gukomeye kumufashe. Yatekereje ko ari umwanzi urimo guhiga ubugingo bwe, maze akora uko ashoboye ngo yirwaneho afatana n’uwo bari bahanganye. Mu mwijima, bombi bakomeza kugundagurana umwe ashaka uburyo yatsinda undi. Nta wavugishaga undi, ariko Yakobo yakomeje gukoresha imbaraga ze zose ntiyagira ubwo aruhuka na rimwe. Muri icyo gihe yarwanaga ku bugingo bwe, umutima we waramushinjaga; ibyaha bye bihagurukira kumutandukanya n’ Imana. Ariko yenda kugera habi, yibuka amasezerano y’Imana, maze umutima we wose uhagurutswa no kwinginga ngo agirirwe imbabazi. Bakomeje gukirana kugeza mu museke, ubwo uwo muntu Yakobo atari azi yamukoraga ku nyonga y’itako, maze Yakobo ahita acumbagira. Muri ako kanya, ni

bwo uwo mukurambere yasobanukiwe n’uwo bakiranaga uwo ariwe. Yamenye ko yakiranaga n’intumwa iturutse mu ijuru, ni yo mpamvu imbaraga za Yakobo zitari zisanzwe, zitashoboye gutuma amutsinda. Yari Kristo, “Marayika w’isezerano,” wihishuriye Yakobo. Icyo gihe Yakobo yari yaremaye ababara cyane, ariko ntiyamurekura. Yicuza cyane kandi ashenjaguritse, akomeza kugundira marayika; “ararira kandi yinginga” (Hoseya 12:4), asaba ko yahabwa umugisha. Yagombaga guhamirizwa yuko icyaha cye cyababariwe. Ububabare bw’umubiri ntibwari buhagije ngo avirire umugambi yari afite mu ntekerezo ze. Akomeza gushimikira, yizeye cyane kandi yihanganye kugeza ku iherezo. Marayika yagerageje kumwiyaka; maze aramubwira ati, “Ndekura kuko umuseke utambitse;” ariko Yakobo aramusubiza ati, “Sinkurekura, utampaye umugisha.” Iyo ibyo yavuze biza kuba ubwirasi n’ukwishongora, Yakobo yajyaga guhita arimburwa ako kanya; ariko byerekanaga umuntu wihana gukiranirwa kwe, na none kandi wiringira ubudahemuka bw’Imana ikomeza isezerano. {AA 127.2}

Yakobo “yakiranyije marayika aramutsinda.” Hoseya 12:4. Binyuze mu kwicisha bugufi, kwihana, no kwizinukwa, uwo munyabyaha, impabe yo kurimbuka, yagundiriye Nyiricyubahiro wo mu ijuru. Yari yasingiriye amasezerano y’Imana mu maboko ye yari atentebutse, kandi umutima w’Inyarukundo rutarondoreka ntiwashoboraga kwirengagiza kwinginga kw’umunyabyaha. {AA 128.1}

Yakobo yeretswe na none ikosa ryatumye akora icyaha cyo kuriganya ngo ahabwe ubutware. Ntiyari yiringiye amasezerano y’Imana, nuko ashaka gukoresha imbaraga ze kugira ngo asohoze ibyo Imana yajyaga gusohoza mu gihe cyayo gikwiye no mu buryo bwayo. Nk’igihamya cy’uko yababariwe, izina rye ryahoraga rimwibutsa icyaha cye, ryahinduwemo urwibutso rw’intsinzi. Marayika yaravuze ati: “Ntuzongera kwitwa Yakobo (Umuriganya), ahubwo uzitwa Isiraheli, kuko wakiranye n’Imana n’abantu ugatsinda.” {AA 128.2}

Yakobo yabonye umugisha umutima we wifuje kuva kera kose. Icyaha cye cyo kuba umuriganya n’umubeshyi cyari cyababariwe. Ibya kera byo mu mibereho ye ntibyari bikibukwa. Gushidikanya, urujijo, no kumva yishinja byari byarashaririye imibereho ye, ariko noneho byose byari byahindutse; maze amahoro yo kwiyunga n’Imana aramusaba. Yakobo ntiyari agifite ubwoba bwo guhura na mwene se. Imana yari yamubabariye icyaha cye yashoboraga guhindura umutima wa Esawu maze akemera ukwicisha bugufi no kwihana kwa mwene se. {AA 128.3}

Mu gihe Yakobo yakiranaga na marayika, hari indi ntumwa iturutse mu ijuru yoherejwe kwa Esawu. Mu nzozi, Esawu yabonye mwene se ava kwa se akamara imyaka makumyabiri mu buhungiro; yabonye umubabaro Yakobo yagize asanze nyina yarapfuye; amubona agoswe n’abamarayika b’Imana. Izo nzozi yazihuje n’ingabo ze

yari yohereje, azibwira kutagira icyo zitwara Yakobo, kuko Imana ya se iri kumwe na we. {AA 128.4}

Amaherezo, ayo matsinda yombi yaje guhura, uwo mutware w'ubutayu ayoboye ingabo ze, naho Yakobo we ari kumwe n'abagore be n'abana babo, baherekejwe n'abashumba n'abaja, inyuma yabo hari umurongo muremure w'imikumbi n'amashyo. {AA 128.5}

Yishingikirije inkoni, uwo mukurambere yigiye imbere ngo ahure n'uwo mutwe w'ingabo. Yari aguye agacuho kandi afite umunaniro yatewe no gukirana; kandi yagendaga buhoro buhoro kandi ababara, akagenda ahagarara buri kanya; ariko mu maso he hagaragazaga umucyo utewe n'ibyishimo n'amahoro. {AA 128.6}

Abonye iyo ndembe yarimo icumbagira, "Esawu arirukanka, ajya kumusanganira, aramuhobera.... bombi bararira." Igihe bitegerezaga ibibaye, byageze aho n'imitima y'abasirikare ba Esawu bari ibihanda ikorwaho. Nyamara n'ubwo yari yabatekerereje ibyo inzozi ze, ntibashoboraga gusobanura impinduka zari zibaye ku mutware wabo. N'ubwo babonaga uburwayi bw'uwo musaza, ntibiyumvishaga uburyo izo ntege nke ze arizo akomoraho imbaraga. {AA 128.7}

Muri iryo joro ry'umubabaro we hafi ya Yaboke, ubwo yabonaga kurimbuka kumusatiriye, Yakobo yigishijwe ko ubufasha bw'umuntu ntacyo bumaze, kandi ko kwiringira imbaraga z'umuntu ari ukwikoza ubusa. Yabonye ko gutabarwa kwe kugomba guturuka gusa k'Uwo yababaje akamucumuraho. Ubwo atari afite kivurira kandi adashyitse, yingingiye guhabwa imbabazi z'Imana yasezeraniye umunyabvaha wihannye. Iryo sezerano ryari igihamya cy'uko Imana yamubabariye kandi ikamwakira. Ijuru n'isi byashoboraga kuba byakurwaho kuruta ko iryo sezerano ritasohozwa; kandi icyo nicyo Yakobo yishingikirizagaho ubwo yari muri rwa rugamba ruteye ubwoba. {AA 129.1}

Ibyabaye kuri Yakobo muri rya joro ryo gukirana n'umubabaro yagize, byerekana ibigeragezo abantu b'Imana bagomba kunyuramo hasigaye igihe gito ngo Yesu agaruke. Umuhanuzi Yeremiya mu iyerekwa rye yasubiye inyuma areba ibyo icyo gihe, aravuga ati: "Humvikanye umuborogo n'ubwoba, n'induru iteye ubwoba itari iy'amahoro. ...Mbega ishyano! Ni umunsi uteye ubwoba, nta wundi umeze nka wo: ni igihe cy'umubabaro w'abakomoka kuri Yakobo; ariko bazawurokoka." Yeremiya 30:5-7.

{AA 129.2}

Ubwo Kristo azahagarika umurimo we wo kuba umuhuza w'abantu n'Imana, nibwo icyo gihe cy' umubabaro kizatangira. Nibwo kandi umwanzuro w'urubanza rwa buri wese uzafatwa, kandi nta maraso y'impongano azaba akiriho yo koza abantu

akabakura mu byaha. Ubwo Kristo azaba arangije umurimo wo kunga umuntu n'Imana, hazumvikana itangazo rikomeye rizavuga ngo, "Ukiranirwa agumye akiranirwe; uwanduye mu mutima agumye yandure; umukiranutsi agumye akiranuke; uwera agumye yezwe." Ibyahishuwe 22:11. Ubwo nibwo Mwuka w'Imana azakurwa mu isi. Nk'uko Yakobo yari afite ubwoba bwo kwicwa na mwene se, ni ko n'abantu b'Imana bazatezwa umubabaro ukomeye cyane n'abakiranirwa bashaka kubica. Kandi nk'uko Yakobo yakiranye ijoro ryose agira ngo arokoke ukuboko kwa Esawu, ni nako abakiranutsi bazagumya batakambire Imana amanywa n' ijoro kugira ngo ibakize abanzi babagose. {AA 129.3}

Satani yari yarareze Yakobo ku bamarayika b'Imana, avuga ko akwiye kurimbuka ku bw'icyaha cye; ateza Esawu gukurikirana mwene se; maze muri rya joro rirerire yakiranagamo, Satani akora uko ashoboye ngo amuteze gutekereza icyaha cye kugira ngo amuce intege, maze ave ku Imana. Igihe Yakobo yakomezaga Marayika, maze agatakamba arira, Intumwa iturutse mu ijuru yashatse kugerageza kwizera kwe, maze na yo imwibutsa icyaha cye kandi igerageza kumucika. Ariko Yakobo ntiyacika intege. Yari yaramenye ko Imana ari inyambabazi, maze yishingikiriza kuri zo. Yongeye kwihana icyaha cye, maze asaba gutabarwa. Ubwo yasubizaga amaso inyuma akareba imibereho ye, byari bigiye kumutera kwiheba, ariko agundira marayika maze akomeza kumusaba aboroga biteye agahinda, kugeza ubwo yabonye icyo yashakaga. {AA 129.4}

Uko niko abantu b'Imana bazamera mu ntambara iheruka yo guhangana n'imbaraga z'umubi. Imana izagerageza kwizera kwabo, kwihangana kwabo, n'uburyo biringira imbaraga yayo ibasha kubakiza. Satani azagerageza uko ashoboye kose kugira ngo abatera ubwoba, abazanamo ibitekerezo bibabwira ko nta byiringiro bateze; ko ibyaha byabo ari byinshi cyane ku buryo bitababanirwa. Biziyumvisha ko ari babi bikabije; kandi nibasubiza amaso inyuma bakareba imibereho yabo, ibyiringiro byaho bizayoyoka. Ariko nibibuka gukomera kw'imbabazi z'Imana no kwihana kwabo nyakuri, bazasaba gusohorezwa amasezerano yayo, binyuze muri Kristo, ko azatabara umunyabyaha wihannye. Kwizera kwabo ntikuzacogora, naho amasengesho yabo atasubizwa ako kanya. Bazakomeza kwishingikiriza ku mbaraga z'Imana, nk'uko Yakobo yagundiriye marayika, kandi nta kindi imitima yabo izavuga uretse aya magambo ngo, "Sinkurekura utampaye umugisha." {AA 129.5}

Iyo Yakobo ataba yarihannye icyaha cyo kuriganya ashaka ubutware, Imana ntiyajyaga kumva isengesho rye kandi ngo imurindire ubugingo. Ni ko no mu gihe cy'akaga, niba abantu b'Imana bazaba hari ibyaha batihannye, bizagaragara imbere yabo igihe bazaba batotezwa n'ubwoba n'umubabaro; bazasabwa n'ubwihebe bwabatera kuva mu kwizera kwabo, maze bitume batabasha kwiringira ko bashobora gusaba Imana ngo ibarokore. Ariko nibaramuka biyumvisemo ko badashyitse, nta gicumuro na kimwe bazabasha guhisha. Ibyaha byabo bizaba byarahanaguwe n'amaraso

y’impongano ya Kristo, kandi ntibizibukwa ukundi. {AA 130.1}

Satani ashora abantu benshi mu kwizera ko Imana izirengagiza imibereho yabo yo gukiranirwa; nyamara Uhoraho yerekana mu buryo yagenje Yakobo ko adashobora na rimwe kwihanganira ikibi cyangwa ngo ireke guhana ikibi. Abantu bose bagerageza gushaka urwitwazo cyangwa guhisha ibyaha byabo bagatuma biguma mu bitabo byo mu ijuru, batabyihannye kandi bitababariwe bazatsindwa na Satani. Uko barushaho gushimirwa imirimo yabo, kandi bakarushaho kuba mu myanya y’icyubahiro, ni ko barushaho kugendera mu nzira ibabaza Imana, maze umwanzi ukomeye akarushaho kwiringira intsinzi kuri bo. {AA 130.2}

Na none amateka ya Yakobo aduhamiriza ko Imana itazigera iheza abariganyijwe bakagwa mu cyaha, ariko bakayigarukira kandi bakihana by’ukuri. Mu kwizinukwa no mu kwizera niho Yakobo yaboneye ibyo atari yarabonye akoresheje imbaraga ze. Imana rero yigishije umugaragu wayo ko imbaraga zayo n’ubuntu bwayo byonyine byashoboraga kumuha umugisha yari yarifuje. Ni ko bizamera ku bazaba bariho mu minsi iheruka. Ubwo amakuba azabagota, maze kwiheba kukuzura mu mitima, bakwiye kwishingikiriza gusa ku byo Imana yakoze ibahongerera. Ntacyo tubasha gukora twebwe ubwacu. Mu mibereho yacu yose yo kuba tudashyitse kandi tutagira kivurira, dukwiriye kwiringira Umukiza wacu wabambwe kandi akazuka. Nta n’umwe uzarimbaka nabigenza atyo. Urutonde rw’imibereho yacu y’umwijima yaranzwe n’ubugoryi iri imbere y’amaso y’Uhoraho. Igitabo cyarujujwe; nta cyaha na kimwe kirengagijwe. Nyamara uwateze amatwi gutaka k’umugaragu we wari ugeze mu zabukuru, ntazabura kumva amasengesho yo kwizera kandi ngo ababarire ibicumuro byacu. Yarabisezeranye kandi azasohoza ibyo yavuze.{AA 130.3}

Yakobo yararokotse bitewe n’uko yihanganye kandi afite intego. Imibereho ye ihamya imbaraga z ‘amasengesho dusenga iyo turi mu kaga. Ubu ni igihe cyo kugira ngo twimenyereze gusenga ubudasiba, no kugira ukwizera kudatezuka. Intsinzi ikomeye ku itorero cyangwa ku Mukristo ntabwo ari ikomotse ku ngabire, ku mashuri, ubutunzi, cyangwa kugirirwa neza n’abantu. Ahubwo ibonerwa mu cyumba cyo kwiheranamo n’Imana, iyo kwizera nyakuri kandi gushengura kwisunze imbaraga ikomeye y’Isumbabyose. {AA 130.4}

Abadashaka kureka ibyaha byabo ngo bironkere umugisha w’Imana, ntibazigera bawubona. Ariko abazagundira amasezerano y’Imana bose nk’uko Yakobo yabigenje, kandi bakagira ukuri no kwihangana nk’ibyo yari afite, bazatsinda nk’uko yatsinze. “None se Imana yo yabura ite kurenganura abo yatoranyije, bayitakambira ijoro n’amanywa. Mbese aho izatinda kubagoboka? Ndababwira ukuri ko igihe kizagera ikabarenganura bwangu. Ariko se Umwana w’umuntu azaza, azasanga ku isi hari abamwemera?” Luka 18:7, 8. {AA 131.1}

IGICE CYA 19 - YAKOBO AGARUKA I KANANI

(Iki gice gishingiye mu Itangiriro 34; 35; 37)

Amaze kwambuka Yorodani, “Yakobo yavuye muri Mezopotamiya, amaherezo atahuka amahoro mu gihugu cya Kanani, aca ingando hafi y’umujyi wa Shekemu.” (Itangiriro 33:18). Nuko isengesho uwo mukurambere yasengeye i Beteli, ry’uko Imana izamugarura amahoro mu gihugu cy’iwabo, rirasubizwa. Yari amaze igihe kinini atuye i Shekemu. Hakaba ari ho Aburahamu, mu gihe cy’imyaka isaga ijana, yari yarabambye ihema rye kandi ahubaka n’igicaniro bwa mbere mu Gihugu cy’Isezerano. Aho hantu Yakobo “yaguze isambu yabambyemo amahema ye yahaguze na bene Hamori, se wa Shekemu, ibikoroto ijana by’ifeza. Nuko ahubaka urutambiro arwitirira Imana, ari yo Mana ya Isiraheli” (umurongo wa 19, 20). Nk’uko Aburahamu yabigenje, Yakobo amaze kubamba ihema rye, yubakira Uwiteka urutambiro, agahamagara abo mu nzu ye buri gitondo na ni mugoroba kuza kuhatambira igitambo. Aho kandi ni ho yacukuye iriba, ari na ho nyuma y’ibinyejana cumi na birindwi, hageraga mwene Yakobo n’Umukiza, igihe yaje ananiwe ashaka kuruhuka ku manywa y’ihangu, maze ahavugira amagambo ayabwira abagenzi bamwumvaga, avuga “ibya ya soko y’amazi adudubiza, agatanga ubugingo buhoraho.” Yohana 4:14. {AA 132.1}

Gutinda kwa Yakobo n’abahungu be i Shekemu kwaherutswe n’urugomo no kuvusha amaraso. Umukobwa umwe wo mu rugo rwe yari yarakojejwe isoni kandi arababazwa, abavandimwe babiri bari baguye mu cyaha cyo kwica; umurwa wose wari wahindutse amatongo no kwicana, biturutse ku migenzereze mibi y’umusore umwe wahubukaga agakora ibinyuranyije n’amategeko. Intandaro y’ayo mahano ameze atyo ni igikorwa cy’umukobwa wa Yakobo wari wagendereye abakobwa bo muri icyo gihugu,” maze akifatanya n’abatubaha Imana. Ushakira umunezero mu batubaha Imana wese aba yishyira mu cyanya cya Satani kandi akararikira ibishuko bye. {AA 132.2}

Uburyarya bwuzuyemo ubugome bwa Simeyoni na Levi ntacyari cyabuteye; nanone kandi umugambi wo kugirira nabi abantu b’i Shekemu, watumye bakora icyaha kibabaje cyane. Imigambi yabo bakoze uko bashoboye bayihisha Yakobo, maze guhora kwabo kumutera ubwoba bwinshi. Ashengutse umutima abitewe n’uburiganya hamwe n’urugomo by’abahungu be, gusa yaravuze ati, “Mwankururiye amahane munyangisha abenegihugu,... Nibishyira hamwe bakantera, simfite abantu bahagije bo kubarwanya, bazanesha bansembane n’abanjye bose.” Nyamara intimba n’urwango yerekanye kubera igikorwa cyabo cyo kuvusha amaraso, byagaragariye mu magambo yavuze hanyuma y’imyaka mirongo itanu, ubwo yari aryamye ku buriri bwe muri Egiputa agiye gupfa agira ati: “Simiyoni na Levi ni abavandimwe, intwaro zabo bazikoresha ibyo urugomo. Sinzafatanya na bo mu bugambanyi bwabo, sinzashyigikira amateraniro yabo. Bararakaye bica abantu, bagize urugomo batema

ibitsi by’amapfizi. Havumwe uburakari bwabo bukaze! Havumwe umujinya wabo urimbura!” Itangiriro 49:5-7.

{AA 132.3}

Yakobo yumvise ibyo bimuteye gukorwa n’isoni bikabije. Ubugizi bwa nabi n’uburiganya byagaragaraga mu mico y’abahungu be. Ibigirwamana no kubisenga byari byarashinze imizi mu mahema yabo ndetse no mu bantu bo mu rugo rwe. Iyo Uwiteka aza kubahana akurikije ibyo bakoze, mbese ntiyari kubatanga kugira ngo amahanga abakikije abihimureho?

{AA 132.4}

Ubwo Yakobo yari acogojwe n’amakuba, Uwiteka yamutegetse gufata urugendo yerekeza mu majyepfo akajya i Beteli. Atekereje aho hantu, uwo mukurambere ntiyibutse gusa inzozi yahagiriye abona abamarayika ndetse n’amasezerano y’imbabazi z’Imana, ahubwo yibutse n’indahiro yari yaraharahiriye avuga ko Uwiteka ariwe ukwiriye kuba Imana ye. Yagambiriye ko mbere yo kujya aho hantu haziranenge, inzu ye igomba kwezwaho ubwandu bwo gusenga ibigirwamana. Yategetse abo mu muryango we n’abo bari kumwe bose ati, “Nimukureho ibigirwamana by’abanyamahanga mufite, mwihumanure, mwambare imyambaro iboneye: maze tujye i Beteli. Nzahubakira urutambiro Imana yangobotse igihe nari mu kaga, kandi ikandinda aho nagiye hose.” {AA 133.1}

Yakobo yuzuwe n’amarangamutima, yasubiye mu gitekerezo cy’ukuntu yageze i Beteli ubwa mbere, ubwo yavaga kwa se ari wenyine, agahunga kugira ngo akize ubugingo bwe, n’uburyo Uwiteka yamubonekeye mu nzozi za nijoro. Ubwo yongeraga gusuzuma uko yabanye n’Imana mu buryo butangaje, umutima we warashenjaguritse; abana be na bo bakorerwamo n’imbaraga itsinda; yari yiyemeje kubategura mu buryo bukwiriye kugira ngo bazafatanye na we kuramya Imana ubwo bazaba bageze i Beteli. “Nuko baha Yakobo ibigirwamana bari bafite n’amaherena yo ku matwi yabo, maze Yakobo abitaba munsi y’igiti kinini kiri hafi y’i Shekemu (Intangiriro 35:4, BII).” {AA 133.2}

Imana ituma abaturage b’icyo gihugu bagira ubwoba, kugira ngo batazahirahira ngo bahorere ab’i Shekemu bishwe. Abo bagenzi bageze i Beteli badahungabanyijwe. Aho na none ni ho Uwiteka yongeye kubonekera Yakobo maze yongera kuvugurura amasezerano yari yaramusezeranyije. “Maze Yokobo arunda ikirundo aho hantu yavuganiye n’Uwiteka, ndetse ikirundo cy’amabuye.” {AA 133.3}

Aho i Beteli, Yakobo yabwiwe kuririra umwe wo mu nzu ya Se bari barapfushije kandi bubahaga cyane - ari we Debora wari warareze Rebeka, akaba yari yaraherekeje nyirabuja ava i Mezopotamiya ajya mu gihugu cy’i Kanani. Kuri Yakobo, kubona uwo

mubyeyi wari ukuze yarabaga muri urwo rugo byari umurunga w'igiciro cyinshi, watumaga yibuka imibereho ye ya kera, kandi cyane cyane bigatuma yibuka urukundo n'impuhwe bikomeye nyina yamukundaga. Debora bamuhambye bafite umubabaro utavugwa, ku buryo aho bamuhambye munsi y'igiti cy'inganzamarumbu bahise "igiti cy'amarira." Ntibyari gucira aho, kwibuka imibereho yaranzwe n'imirimo y'ubudahemuka yakozwe n'uwo muja, ndetse no kuba Yakobo yararirye iyo nshuti, ahubwo byahawe agaciro kenshi kugeza ubwo babishyize no mu Ijambo ry'Imana. {AA 133.4}

Kuva i Beteli ugana i Heburoni hari urugendo rw'iminsi ibiri gusa, ariko rwateye Yakobo agahinda kenshi cyane Rasheli apfuye. Yari yaramutendeye imyaka irindwi incuro ebyiri, maze urukundo yari amufitiye rutuma agira umuhati ariko adacogora. Uburyo urwo rukundo rwari rwimbitse kandi rudatezuka rwaje kwigaragaza hanyuma, ubwo Yakobo yari hafi gupfa, ari umukambwe ugeze mu zabukuru, Yozefu yaje gusura Se, yongera kwibuka imibereho ye ya kera, avuga ati, "Ibyo mbikoze ngirira umubyeyi wawe Rasheli waguye muri Kanani tuva muri Mezopotamiya, bikantera agahinda. Yapfuye tujya kugera Efurata, mushyingura hafi y'umuhanda ujyayo. Efurata ni yo Betelehemu." Itangiriro 48:7. Mu mateka y'umuryango we warimo ubuzima bwuzuye amakuba, urupfu rwa Rasheli ni rwo rwonyine yahoraga yibuka. {AA 133.5}

Mbere yo gupfa, Rasheli yabyaye umuhungu wa kabiri. Maze ubwo yarimo asamba, yita uwo mwana Benoni, bisobanura "umwana w'umubabaro wanjye." Ariko se amwita Benyamini, bisobanura "umwana w'ukuboko kwanjye kw'iburyo," cyangwa "imbaraga zanjye." Rasheli yahambwe aho yaguye, maze hashingwa ibuye ku mva ye ryo kuzatuma bahora bamwibuka. {AA 134.1}

Ubwo bari mu nzira berekeza Efurata, mu muryango wa Yakobo hongeye kubonekamo icyaha giteye ubwoba, cyatumye Rubeni wari umuhungu w'imfura, adahabwa imigisha n'icyubahiro byagenewe abana b'imfura. {AA 134.2}

Ku iherezo, Yakobo yarangije urugendo rwe agera, "kwa se Isaka, i Mamure,... h'i Heburoni, aho Aburahamu na Isaka bari batuye." Aho ni ho yagumye kugeza igihe Se apfiriye. Kuri Isaka, wari ushaje cyane kandi atakibona, kwitabwaho no kugirirwa impuhwe n'umuhungu we wari warabuze igihe kirekire cyane, byaramuhumurije cyane mu myaka yari wenyine kandi yarapfakaye. {AA 134.3}

Yakobo na Esawu bahuriye aho se yari aryamye agiye gupfa. Mukuru we n'ubwo hari igihe yashatse kwihohera, nyamara imyumvire ye yari yaramaze guhinduka bikomeye. Maze Yakobo anyuzwe n'imigisha y'ibya Mwuka yari yaramuhesheje ubutware, aharira mukuru we kuragwa ubutunzi bwa Se, ari na wo murage wonyine Esawu yashakaga cyangwa yabonaga ko ari wo w'agaciro. Ntibari bakigirirana ishyari cyangwa ngo bangane uruhenu, maze baratandukana, Esawu ajya kumusozi Seyiri. Imana, yo

mutunzi w’imigisha itarondereka, yari yarahaye Yakobo ubutunzi bw’isi, hakiyongeraho ibyiza yari yaraharaniye. Ubutunzi bw’abo bavandimwe babiri bwari bwinshi cyane ku buryo bitari byoroshye gutura hamwe; kandi icyo gihugu barimo nk’abasuhuke nticyari kubihanganira kubera amashyo yabo.” Uko gutandukana byari bijyanye n’umugambi Imana yari ifitiye Yakobo. Kubera ko abo bavandimwe bari batandukanye cyane mu byerekeye imyizerere y’iby’idini, ibyari byiza ni ukudatura hamwe. {AA 134.4}

Esawu na Yakobo bari baratorejwe hamwe kumenya Imana, kandi bombi bari bafite umudendezo wo kugendera mu mategeko yayo no kugirirwa neza na yo; ariko siko bombi bahisemo batyo. Abo bavandimwe uko ari babiri bagendeye mu nzira zitandukanye, kandi koko zakomeje guhabana cyane. {AA 134.5}

Nta ruhare Imana yagize kugira ngo Esawu adahabwa imigisha y’agakiza. Impano z’ubuntu bwayo iziha abantu bose nta kiguzi binyuze muri Kristo. Nta gutoranywa kubaho keretse guhitamo k’umuntu ku giti cye bwite bikaba byamutera kuba yarimbuka. Imana yagaragaje mu Ijambo ryayo ibyangombwa umuntu wese yuzuza kugira ngo ahabwe ubugingo buhoraho - ari byo kumvira amategeko y’Imana tubiheshejwe no kwizera Kristo. Imana yahisemo umuco uhuje n’amategeko yayo, kandi umuntu wese uzagera ku rugero rushyitse rw’ibyo Imana ishaka azinjira mu bwami bw’ikuzo. Kristo ubwe yarivugiye ati, “Uwizera uwo Mwana aba abonye ubugingo buhoraho, ariko utumvira uwo Mwana ntazabona ubugingo, ahubwo umujinya w’Imana uguma kuri we.” Yohana 3:36. “Umuntu wese umbwira ati, ‘Mwami, Mwami, si we uzinjira mu bwami bwo mu ijuru; keretse ukora ibyo Data wo mu ijuru ashaka.” Matayo 7:21. Kandi no mu Byahishuwe ahamya ko “Hahirwa abamesa ibishura byabo kugira ngo bemererwe kwegera cya giti cy’ubugingo, kandi banyure mu marembo binjire muri rwa rurembo.” Ibyahishuwe 22:14. Ku bijyanye n’agakiza umuntu azahabwa ku munsi w’imperuka, uko ni ko gutoranywa konyine kugaragarira mu Ijambo ry’Imana. {AA 134.6}

Umuntu wese utinya kandi agahindishwa umushyitsi no gushaka agakiza ke bwite yaratoranyijwe. Umuntu wese wambara intwaro maze akarwana intambara nziza yo kwizera ari mu batowe. Hatoranyijwe uhora ari maso asenga, akarondora mu Byanditswe Byera, kandi agahunga ibishuko. Hatoranyijwe uhorana kwizera, kandi akumvira ijambo ryose riva mu kanwa k’Imana. Gucungurwa byagenewe abantu bose kandi ku buntu, abazagendera ku mabwiriza yatanzwe bazanezezwa n’umusaruro w’uko gucungurwa. {AA 135.1}

Esawu yakerensheje imigisha y’isezerano. Yahaye agaciro cyane ibyo igihe gito kubirutisha ibyiza byo mu ijuru; maze ibyo yifuje aba aribyo abona. Guhitamo kwe niko kwamutandukanyije n’ubwuko bw’Imana. Yakobo yahisemo umurage wo kwizera. Yihatiye kuwugeraho akoresheje uburyarya, uburiganya, n’ibinyoma; ariko Imana

yemeye ko icyaha cye kijya ahagaragara kugira ngo imugorore. Nubwo imyaka yakurikiyeho yayigizemo ibihe biruhije, Yakobo ntiyigeze ateshuka cyangwa ngo areke inzira yari yahisemo. Yamenye ko kwishingikiriza ku buhanga bw'umuntu n'uburiganya ngo ahabwe umugisha, akwiye gukirana n'Imana. Guhera rya joro yakiranyemo n'Imana ari iruhande rw'umugezi wa Yaboki, Yakobo yabadutse ahindutse undi muntu. Ntiyari agifite kwiyemera. Uhereye icyo gihe, ubucakura ntibwongeye kuboneka. Mu cyimbo cy'uburyarya n'ibinyoma, imibereho ye yagize kwiyoroshya n'ukuri. Yahigiye isomo ryo kwicisha bugufi yisunga Ukuboko kw'Isumbabyose, maze mu bigeragezo no mu mibabaro akicishiriza bugufi munsi y'ubushake bw'Imana. Imico mibi yakongokeye mu itanura ry'umuriro; izahabu nyakuri iratunganywa kugeza ubwo kwizera kwa Aburahamu na Isaka kwigaragariza neza muri Yakobo. {AA 135.2}

Icyaha cya Yakobo n'uruhererekane by'ibyagiye bikurikira icyo cyaha, ntibyigeze bibura gushyira ku mugaragaro ingaruka z'ikibi — ingaruka zigaragarije mu mbuto zishaririye zo mu mico n'imibereho y'abahungu be. Ubwo abo bahungu bari bamaze gukura, bakomeje kugira amafuti akomeye cyane. Ingaruka zo gushaka abagore benshi zigaragaje muri uwo muryango. Icyo cyaha kibi cyane kigenda gikamya amasoko y'urukundo, kandi gica intege amasezerano yera yabahuzaga. Ishyari ry'ababyeyi benshi b'abagore ryazanye amakimbirane mu muryango, abana bakuze batumvikana kandi badafite kwihanganira kuyoborwa, maze imibereho ya se yijimishwa n'inkeke n'agahinda. {AA 135.3}

Hariho umwe, ariko we yari afite imico itandukanye cyane n'iy'abandi, uwo akaba yari Yozefu, umuhungu mukuru wa Rasheli; yari afite uburanga nyamara bugasa nk'aho bugaragaza ubwiza bw'imbere mu bitekerezo no mu mutima. Uwo musore wari inziramakemwa, umunyamuhati, kandi agahora anezerewe, yagaragazaga umurava no gushikama. Yategeraga amatwi amabwiriza ya Se, kandi agakunda kumvira Imana. Imico yaje kumutandukanya n'abandi na nyuma y'aho agiye muri Egiputa, imico ikubiyemo ubwitonzi, ubudahemuka no kuba umunyakuri, yigaragazaga mu mibereho ye ya buri munsi. Kuko nyina yari yarapfuye, urukundo rwe yakomeje kurukunda Se cyane, maze Yakobo arushako kumva umutima we urundukiye muri uwo mwana yabonye ari mu zabukuru. "Yamukundaga kurusha abandi bana be bose." {AA 135.4}

Nyamara urwo rukundo na rwo rwaje guhinduka intandaro y'akaga n'ishavu. Yakobo ntiyagize ubushishozi ubwo yerekanaga ko Yozefu amurutisha abandi bana, maze bigatuma abandi bahungu be bamugirira ishyari. Ubwo Yozefu yerekanaga imyitwarire mibi y'abavandimwe be, yagize akaga gakomeye; yageragejе kubibakuramo ku neza, ahubwo birushaho kubabyukiriza urwangano n'urwikekwe. Ntiyashoboraga kwihanganira kubabona bacumura ku Mana, maze abitekerereza se, yiringira ko igitsure cye gishobora kubagarura bagahinduka. {AA 136.1}

Yakobo yirinze rwose kubabyukiriza uburakari kubwo kubacyaha ahubutse cyangwa abatota. Afite umutima ubabaye cyane, yasabye abo bana be kandi abingingira kumwubahira ko ashaje, kandi bakirinda kugayisha izina rye, maze ibirenze ibyo byose, ababuza kugayisha Imana babitewe no kutumvira amategeko yayo bene ako kageni. Bagize isoni z'uko ubugome bwabo bwamenyekanye, abo basore babaye nk'abihannye, nyamara bakomeza guhishira ibitekerezo byabo, aribyo byaje guhinduka bibi kurushaho igihe byari bishyizwe ku mugaragaro. {AA 136.2}

Impano y'ikanzu cyangwa umwitero by'igiciro cyinshi Yozefu yahawe na Se ku mugaragaro, iyo kanzu ikaba yarambarwaga n'abantu bakomeye, yabaye igihamya cy'ukubogama kwa se, maze bituma bakeka ko hari umugambi wo kwirengagiza abana be bakuru agaha ubutware umwana wa Rasheli. Umugambi wabo wo kugira nabi wakomeje gukura ubwo umunsi umwe uwo muhungu yababwiraga iby'inzozi yari yarose. Yarababwiye ati, "Twahambiraga imiba mu murima, umuba wanjye urahagarara urema, iyanyu miba ikikiza uwanjye iwikubita imbere." Bene se buzuwe n'ishyari n'uburakari batangara bamubaza bati, "Ni ukuri wowe uzaba umwami wacu? Ni ukuri wowe uzadutwara?" {AA 136.3}

Bidatinze arota izindi nzozi zimeze nka za zindi, maze na zo arazibarotorera " Nongeye kurota, mbona izuba n'ukwezi n'inyenyeri cumi n'imwe binyunamira." Izo nzozi zasobanuwe nk'iza mbere. Kuko yari yazirotoreye Se ari kumwe na bene se, Yakobo yaramucyashye aramubaza ati, " Izo ni nzozi ki? Uragira ngo jye na nyoko n'abavandimwe bawe tuzakwikubita imbere tukuramye?" Atitaye ku magambo yakoresheje amucyaha, Yakobo yizeye ko Uwiteka yarimo guhishurira Yozefu ibizamubaho mu gihe kizaza. {AA 136.4}

Ubwo uwo musore w'ingimbi yari ahagaze imbere ya bene Se, uburanga bwe bumurikiwe na Mwuka w'Imana, ntibashobora guhisha ko bamwishimiye; ariko banga guhitamo kureka imigenzereze yabo mibi, maze banga urunuka ubwo butungane bubashinja ibyaha byabo. Imitima yabo yari yibasiwe n'umwuka nk'umwe wari muri Kayini. {AA 136.5}

Bene se bagombaga guhora bimuka bashakisha urwuri rw'imikumbi yabo, maze kenshi na kenshi bakamara amezi n'amezi batari mu ngo zabo. Nyuma y'ibihe nk'ibyo, bagiye i Shekemu aho se yari yaraguze isambu. Hashize igihe nta gakuru kabo, se atangira kugira ubwoba ko baba batakiriho kubera ubugome bari baragiriye abantu b'i Shekemu. Nuko rero yohereza Yozefu ngo ajye kubareba, kandi azagaruke amubwira ko bari amahoro. Iyo Yakobo aza kumenya neza uburyo abahungu be banga Yozefu, ntiyajyaga kumwohereza ari wenyine; ariko ibyo bari barabihishe. {AA 137.1}

Umutima wa Yosefu wari wuzuye ibyishimo ubwo yatandukanaga na Se, nyamara yaba uwo musaza yaba n'uwo musore nta n'umwe warose uko bizamera mbere yuko

yongera guhura na bene se. Nyuma y’urugendo rurerure kandi ari wenyine, Yosefu yageze i Shekemu, abura bene se n’imikumbi yabo. Abaririje aho baba bahererereye, bamubwira ko bari i Dotani. Yari amaze kugenda urugendo rurenga ibirometero mirongo inani kandi noneho yari agiye kongeraho ibindi birometero makumyabiri na bine, ariko arihuta, ntiyita ku munaniro kubwo gushaka guhumuriza se no kubona bene se yari agikunda nubwo bo bari abanyangeso mbi. {AA 137.2}

Bene se bamubona akiri kure; ariko ntibigera batekereza iby’urugendo rurerure yari yagenze aza kubareba, iby’umunaniro n’inzara yari afite, iby’uko yari yarabasabye kumwakirana urugwiro n’urukundo rwa kivandimwe ngo bicogoze urwango rwabo. Babonye yambaye ikanzu yahawe na Se nk’impano kubera urukundo yamukundaga, umujinya urabica. Baravugana bati, “Dore karosi araje.” Ubwo inzika no guhora bari bamaranye igihe kirekire ni byo byabakoreshaga. Baravugana bati, “Nuko nimuze tumwice, tumujugunye mu rwobo rumwe muri izi zacukuriwe kubika amazi, tuzavuge tuti, inyamaswa y’inkazi yaramuriye: tuzamenye inzozi ze uko zizaba.” {AA 137.3}

Baba barasohoje umugambi wabo, ariko Rubeni abyumvise ashaka kumubakiza. Yanze ko bihutira kuvusha amaraso ya mwene se, maze atanga icyifuzo cy’uko bamujugunya mu rwobo ari muzima kugira ngo azapfiremo; nyamara yashakaga kuzamukuramo rwihishwa akamusubiza kwa se. Bamaze kwemeranya kuri uwo mugambi, Rubeni arigendera kuko yatinyaga ko yananirwa kwihangana, maze imigambi ye bakayitahura. {AA 137.4}

Yozefu akomeza kuza abasanga atikanga ikibi, kandi anejejwe n’uko umugambi w’urugendo rwe usohoye; ariko aho kumuramutsa nk’uko yari abyiteze, yatewe ubwoba no kubona umujinya no kwihorera bamusanganije. Baramusumira bamwambura ikanzu ye. Ibitutsi n’iterabwoba byamweretse ko bafite umugambi wo kumwica. Kubinginga kwe ntikwigeze kwitabwaho. Yari yageze mu maboko y’abo bantu bari bameze nk’abasazi. Bamukururana umujinya, bamukurubanira ku rwobo rurerure, bamujugunyamo, maze bamaze kumva ko adashobora kwikuramo, bamusigamo kugira ngo azicirwemo n’inzara, hanyuma “baricara bararya.” {AA 137.5}

Nyamara bamwe muri bo babuze amahoro; bumvise batanyuzwe n’uburyo bihoreyemo. Hashize umwanya muto babona umurongo w’abantu baza babasanga. Abo bagenzi bari Abishimayeli bari baturutse hakurya ya Yorodani, bajyanye amavuta yomora n’imibavu y’igiciro n’ibindi bicuruzwa muri Egiputa. Noneho Yuda abaha igitekerezo cyo kugurisha mwene se n’abo bacuruzi b’abapagani, aho kumusiga ngo apfire aho. Yajyaga kuba abagiriye neza, kuko yari kuba abarinze kugibwaho n’amaraso ye; maze arababwira ati, “twe kumukomeretsa kandi tuva inda imwe.” Bose barabyemera maze baherako bamukura mu rwobo. {AA 138.1}

Akibona abo bacuruzi, aherako amenya ukuri guteye ubwoba kwabyo. Kuba

umucakara nibyo byari bibi cyane kurusha gupfa. Kubera ubwoba yari afite, yahendahenze bene se ava kuri umwe ajya ku wundi, ariko biba iby'ubusa. Bamwe bumvise bamugiriye ibambe, ariko kubera gutinya gusekwa baricecekera, bose bumva bitagifite igaruriro. Iyo Yosefu aza kurokoka, yari kubarega kuri se nta gushidikanya, kandi na we ntiyari kwihanganira ubugome bwabo bari bagiriye umwana we w'umutoni. Banangira imitima ngo batumva kwinginga kwe, maze bamuhana mu maboko y'abacuruzi b'ababapagani. Ingamiya z'abo bacuruzi zikomeza urugendo maze mu kanya ziba zirarenze. {AA 138.2}

Rubeni yasubiye kuri rwa rwobo, ariko yasanze Yosefu atakirimo. Kubera agahinda no kwicunuza, yashishimuye imyambaro ye, maze ajya aho bene se bari arababwira ati, "Ndabigira nte ko murumuna wacu atagihari?" Aho bamenyeye ibura rya Yosefu, kandi ko bitagishoboka kumugarura, Rubeni yahatiwe kwifatanya n'abo bene se kugira ngo bageragеze guhishira icyo cyaha. Babaga isekurume y'ihene, binika ikanzu ya Yosefu mu maraso yayo, maze bayoherereza Se, bamubwira ko bayitoraguye mu gasozi, none bakaba batinya ko yaba ari iy'umuvandimwe wabo. Bamutumaho bati, ". . .none reba niba ari iy'umwana wawe cyangwa ko atari yo." Bari bategereje kureba ibizakurikiraho bafite ubwoba, ariko ntibari biteguye kwakira ako gahinda gashengura umutima, n'intimba bagize babonye agiye. Yakobo aravuga ati, "Koko ni iy'umwana wanjye Yozefu! Inyamaswa y'inkazi yaramuriye; nta gushidikanya Yosefu yatanyaguwe na yo." Abahungu be n'abakobwa be bagerageza kumuhoza ariko biba iby'ubusa. "Yakobo ashishimura imyenda ye, akenyera ibigunira, amara iminsi myinshi aririra umwana we." Muri icyo gihe ntacyabashaga kumumara umubabaro. Araboroga ati, "Nzarinda nsanga umwana wanjye ikuzimu nkirira." Abo basore bafite ubwoba kubera ibyo bari bakoze, kandi na none bagatinya ko se yazabatonganya, bakomeza guhisha icyo cyaha cyabo mu mitima yabo, icyaha na bo ubwabo babonaga gikomeye cyane. {AA 138.3}

IGICE CYA 20 - YOSEFU ARI MURI EGIPUTA

(Iki gice gishingiye mu Itangiriro 39-41)

Hagati aho, Yosefu n'abari bamutwaye ku gahato bari mu nzira bagana mu Misiri. Ubwo ingamiya n'abo zihetse bararaga mu majyepfo aherekera ku rugabano rw'igihugu cya Kanani, uwo mwana w'umuhungu yashoboraga kurebera kure imwe mu misozi yari ibambyemo amahema ya se. Arizwa cyane no gutekereza urukundo rw'uwo mubyeyi wari wenyine n'agahinda yari afite. Yongera kwibuka ibyamubayeho i Dotani. Yabonaga abavandimwe be bari bamurakariye cyane maze akumva basa nk'aho bongeye kumusumira. Yari acyumva mu matwi ye harangira ya magambo mabi cyane y'ibitutsi bamusanganije banga kumva guhendahenda kwe. Nubwo umutima we wari utentebutse, yagize ibyiringiro by'ahazaza. Mbega guhinduka gukomeye! Kuva ku kuba umwana w'inkoramutima kandi ukunzwe bihebuje, ugahinduka umucakara utagira agaciro kandi utagira kivurira! Ari wenyine kandi nta n'incuti, mbese ibye byajyaga kuzamera bite mu mahanga yari agiyemo ? Yosefu amara umwanya agerageza kwikuramo agahinda n'ubwoba bitarondoreka yari afite. {AA 139.1}

Ariko kubwo kwiringira kugira neza kw'Imana, n'ibyo yanyuzemo byaje kumuviramo umugisha. Mu masaha make, yari amaze kwiga ibyo atari gushobora kwiga mu myaka myinshi. Se wari ukomeye kandi w'umunyabuntu nkuko urukundo rwe rwari ruri, yari yaramuhemukiye amutonesha kandi akamutetesha. Uko kurobanura ku butoni kwari kwararakaje bene se maze bituma bakora igikorwa cy'ubugome cyamuteye gutandukana n'abo iwabo. Ingaruka zabyo zigaragarizaga no mu mico ye. Amakosa yashyizwe ahagaragara kugira ngo abone noneho uko akosorwa. Yari amaze kuba uwihagije kandi ashyitse. Kubera akamenyero ko kwitabwaho na se amutonesha, yumvise atiteguye guhangana n'ingorane zari zimwugarije, muri ubwo buzima bushishana aho yari umunyamahanga n'umucakara, ntawe umwitayeho. {AA 139.2}

Nuko ibitekerezo bye bigarukira Imana ya Se. Mu bwana bwe yari yarigishijwe gukunda Imana no kuyubaha. Kenshi na kenshi yumvaga bavugira mu mahema ya se igitekerezo cy'inzozi za Yakobo, ubwo yahungaga ava iwabo, akaba impuzi n'umusuhuke. Yari yarabwiwe ibijyanye n'amasezerano Imana yagiranye na Yakobo, n'uburyo ayo masezerano yasohojwe — uko abamarayika b'Imana baje kumwigisha, bakamuhumuriza, kandi bakamurinda ageze mu ngorane. Kandi yari yaramenye urukundo rw'Imana rwatumye igenera abantu Umucunguzi. Noneho rero ibyo byigisho by'agahebuzo byose byaje imbere ye uko byakabaye. Yosefu yizeraga ko Imana ya basekuruza izaba Imana ye. Hanyuma ahita yiyegurira Uwiteka, maze asaba ko Umurinzi wa Isiraheli azabana na we muri icyo gihugu cyari ubuhungiro bwe. {AA 139.3}

Umutima we wasimbagijwe no kugambirira gukomeye yagize ko azaba indahemuka ku

Mana, ko uko byamera kose azakorera Umwami w’ijuru. Yajyaga gukorera Uwiteka n’umutima we wose; akihanganira ibigeragezo byajyaga kuzamuzaho kandi agatunganya buri nshingano yose mu budahemuka. Ingorane z’umunsi umwe zahinduye icyerekezo cy’imibereho ye. Akaga k’uwo munsi karamuhinduye bitangaje, ntiyongera kuba umwana uteteshwa, ahubwo ahinduka umugabo, ufite ibitekerezo bihamye, w’intwari, kandi wishoboye. {AA 139.4}

Ageze mu Misiri, Yozefu agurishwa kwa Potifari, umutware w’ingabo zarindaga Umwami, amara imyaka cumi amukorera. Yari yitegewe n’ibigeragezo by’abantu badasanzwe. Yari hagati y’ibigirwamana. Gusenga ibigirwamana byari bizengurutswe n’ibyubahiro byose bya cyami, ubutunzi n’imico by’ishyanga ryarushaga ayandi mahanga yose gutera imbere. Nubwo bimeze bityo, Yozefu yakomeje kwiyoroshya kwe no kuba indahemuka ku Mana. Ibyari bimuzengurutse byose, byaba ibyo yarebaga cyangwa ibyo yumvaga, byari icyaha ariko yari ameze nk’utabona cyangwa utumva. Ibitekerezo bye ntibyari byemerewe kwerekera ku bizira. Icyifuzo cyo gushaka gutona ku Banyamisiri nticyajyaga gutuma ahisha amahame ye yamugengaga. Iyo aza kugerageza gukora ibyo, yari kuba atsinzwe n’ibishuko; ariko nta soni yagiraga zo guhamya idini ya ba sekuruza, kandi ntiyigeze agerageza guhisha ko aramya Yehova. {AA 140.1}

“Uwiteka aba kumwe na Yosefu, agira ukuboko kwiza.... Shebuja abona yuko Uwiteka ari kumwe na we, kandi ko Uwiteka yamuhaye kugira ukuboko kwiza ku cyo akoze cyose.” Itangiriro 39:2-3. Potifari yarushagaho kwizera Yosefu uko bukeye n’uko bwije, hanyuma aramukuza, amugira igisonga cy’ibyo yari atunze byose. “Abitsa Yosefu ibyo atunze byose, mubyo amubikije ntiyagira ikindi agenzura keretse kwita ku byo yajyaga arya.” {AA 140.2}

Uburumbuke bwagaragaraga ku bintu byose Yosefu yari yararagijwe, ntabwo byari igitangaza cy’ako kanya; ahubwo imikorere ye, uko yitaga kubyo yaragijwe, n’imbaraga bya Yosefu byahabwaga imigisha y’Imana. Yosefu yabonaga ko ibyo yabaga yagezeho byose bikomoka ku kugirirwa neza n’Imana, na Shebuja wasengaga ibigirwamana yemera ko ari ryo banga ryo gutunganirwa kwe. Ibyo ntiyajyaga kubigeraho hatabayeho gushikama no gushyira umwete kubyo ashinzwe. Imana yahawe icyubahiro kubera ubudahemuka bw’umugaragu wayo. Wari umugambi wayo ko mu butungane no mu budahemuka, uwizera Imana agomba kwerekana ko atandukanye n’abaramya ibishushanyo — bityo rero ubwo umucyo w’ubuntu bw’Imana ukamurika hagati mu mwijima w’ubupagani.

{AA 140.3}

Ubugwaneza n’ubudahemuka bwa Yosefu bwatumye uwo mutware w’ingabo amugira inkoramutima, agera aho amufata nk’umuhungu we kuruta kuba umucakara. Uwo

musore byatumye ashyikirana n’abantu bakomeye kandi bafite ubumenyi buhanitse, maze agira ubumenyi mu bya siyansi, mu ndimi, no gusabana - nk’uwagombaga kuzaba Minisitiri w’intebe wa Misiri, ubumenyi nk’ubwo bwari bukenewe. {AA 140.4}

Ariko ukwizera n’ubudahemuka bya Yosefu byagombaga gushungurwa hakoreshejwe ibigeragezo bikaze. Nyirabuja yakoze uko ashoboye kose ngo ashukashuke uwo musore maze yice amategeko y’Imana. Yari atarigera yiyandurisha ingeso mbi zari gikwira muri icyo gihugu cy’abapagani; ariko icyo kigeragezo cyari kimugwiririye, gikomeye, kirimo uburiganya bukomeye, mbese yajyaga kubigenza ate? Yosefu yari azi neza ingaruka zajyaga kubaho bitewe no kwinangira. Ku ruhande rumwe, yashobora kubihishira, agatoneshwa, kandi akagororerwa; naho ku rundi ruhande, hari ugukorwa n’isoni, gufungwa, byanashoboka akanicwa. Icyemezo yari gufata ako kanya nicyo cyari kugenga ubuzima bwe bw’ahazaza uko bwakabaye. Mbese amahame yajyaga gutsinda? Mbese aho Yozefu yajyaga gukomeza kuba indahemuka ku Mana? Abamarayika barebaga ibigiye kubaho bahagaritse umutima bitavugwa.

{AA 140.5}

Igisubizo Yosefu yatanze cyerekanye imbaraga y’amahame y’idini. Ntiyari gutinyuka kugambanira shebuja wo ku isi wamwiringiraga, kandi ingaruka zajyaga kubaho zose, yagombaga kuba indahemuka kuri Shebuja wo mu ijuru. Benshi bahitamo kudakorera ibyaha imbere y’abantu bagenzi babo kubera gutinya amaso yabo, ariko bakirengagiza ko hari ijisho ry’Imana n’iry’abamarayika bera ribareba, nyamara Yosefu yabanje gutekereza Imana. Aravuga ati, “none nabasha nte gukora icyaha gikomeye gityo ngacumura ku Mana?” {AA 141.1}

Iyaba twari tugize umuco wo kumva ko Imana ibona ibyo dukora kandi ikumva ibyo tuvuga, maze ikagira aho yandika amagambo yacu n’ibikorwa byacu, kandi ko tuzagera aho iri, twajyaga gutinya gukora icyaha. Mureke abasore bajye bahora bibuka ko aho bari hose, n’icyo baba bakora cyose, baba bari kumwe n’Imana. Nta gace na kamwe k’imyitwarire yacu kayisobwa. Imigenzereze yacu ntitubasha kuyihisha Isumbabyose. Nubwo rimwe na rimwe amategeko y’abantu aba akakaye, akenshi yicwa mu buryo budashobora kumenyekana, ndetse ugasanga habayeho no kudahana. Nyamara siko bimeze ku mategeko y’Imana. Uwitwikira ijoro akora icyaha ntibimukuraho wa mutima umushinja ikibi. Ashobora kwibwira ko ari wenyine, ariko kuri buri gikorwa cyose haba hari umuhamya utagaragara. Imana iba ireba mu mutima impamvu yatewe uwo muntu gukora icyo cyaha. Igikorwa cyose, ijambo ryose, igitekerezo cyose, byose bigaragara neza cyane nk’aho isi yose ituwe n’umuntu umwe gusa, kandi ijuru ryose rikaba rimuhanze amaso. {AA 141.2}

Yozefu yarenganyirijwe ubunyangamugayo bwe, kuko uwamugeragezaga yihoreye amushinja ibinyoma kugira ngo bamushyire mu nzu y’imbohe. Iyo Potifari aza kwizera

ibyo umugore we yaregaga Yosefu, uwo mwana w’Umuheburayo aba yarabuze ubugingo bwe; ariko kwiyoroshya no kuba umunyakuri bari baramubonyeho byari igihamya cy’uko nta cyaha yari yakoze; ariko kandi kugira ngo urugo rwa shebuja rutavugwa nabi, baramwihorera ngo asuzugurwe kandi agirwe imbohe. {AA 141.3}

Abayobozi ba gereza babanje kugirira nabi cyane Yosefu. Umunyazaburi aravuga ati,“Amaguru ye bayabohesheje iminyururu, ijosi rye barizengurutsa icyuma, kugeza ubwo ibyo arotoye bisohoye, bikagaragaza ko ibyo yavuze byavuye ku Uhoraho.” Zaburi 105:18,19. Ariko imico nyakuri ya Yosefu yari urumuri ndetse no mu mwijima wo mu nzu y’imbohe. Yakomeje kugundira kwizera kwe no kwihangana; imyaka myinshi yari yarakoranye ubudahemuka, yituwe inabi nyinshi, nyamara ibyo ntibyigeze bimutera umutima mubi cyangwa kutiringirwa. Yari afite amahoro akomora ku kuba ntacyo yishinja, maze urubanza rwe aruharira Imana. Ntiyigeze atekereza cyane ku bicumuro bye bwite, ahubwo agahinda ke yakibagizwaga no kugerageza guhumuriza abandi. Yari abonye umurimo wo gukora, ndetse no mu nzu y’imbohe. Imana yari irimo kumutegurira muri iryo shuri ry’umubabaro kugira ngo azagire umumaro kurutaho, kandi ntiyigeze yanga guhabwa iyo myitwarire yari ikenewe. Mu nzu y’imbohe, ubwo yakandamizwaga, atwazwa igitugu kandi akagirirwa nabi, yahigiye ibyigisho by’ubutabera, impuhwe, n’imbabazi byamuteguriye gutegekana ubushishozi n’impuhwe. {AA 141.4}

Yozefu yakomeje kugirirwa icyizere n’umurinzi wa gereza, maze ku iherezo ashingwa gutegeka imfungwa zose. Imirimo yakoreye muri gereza — ariyo kuba inyangamugayo mu buzima bwe bwa buri munsi no kugirira impuhe abari mu kaga no mu majune — byagize uruhare mu kumuharurira inzira yamugejeje ku gutunganirwa no kubahwa. Akambi kose k’umucyo twamurikishiriza abandi natwe karatugarukira. Ijambo ryose ry’ineza ribwiwe ufite agahinda, igikorwa cyose cyo kuruhura abaremerewe, kandi impano yose ihawe umukene, niba bitanzwe ku mpamvu nyayo, bizahesha imigisha ubitanze. {AA 142.1}

Umutware w’abatetsi b’imigati n’uw’abahereza ba divayi b’umwami bari barashyizwe muri gereza kubera gucumura kuri shebuja hanyuma babarindisha Yozefu. Igitondo kimwe, abonye ko bababaye cyane, ababaza icyabibateye, bamubwira ko buri wese muri bo yaraye arose inzozi zikomeye kandi bakaba bahagaritswe umutima no kumenya ubusobanuro bwazo. Yozefu arababaza ati: “Gusobanura si ukw’Imana se? Ndabinginze nimuzindotorere.” {AA 142.2}

Ubwo umuntu wese yamurotoreraga inzozi ze, Yozefu yarazimusobanuriye: mu minsi itatu umuhereza wa divayi yagombaga gusubizwa mu mwanya we, akongera agahereza Farawo nkuko yabigenzaga mbere atarajyanwa muri gereza; ariko umutware w’abatetsi b’imigati akicwa kubwo itegeko ry’umwami. Ibyo byombi

byabaye nk’uko yari yabibasobanuriye mbere. {AA 142.3}

Umuhereza wa divayi y’umwami yashimiye Yozefu cyane kubera ubusobanuro bwiza bw’inzozi ze, n’ibikorwa by’ineza byinshi yamukoreye; maze Yosefu na we arahindukira, amubwira uburyo yababajwe no gufungwa nta cyaha, amusaba ko urubanza rwe rwagezwa ku mwami. Yozefu aramubwira ati, “Maze uzanyibuke, ubwo uzabona ibyiza, uzangirire neza, ndakwinginze, uzamvuge kuri Farawo, unkuze muri iyi nzu. Ni ukuri koko banyibye mu gihugu cy’Abaheburayo: n’ino na ho banshyize muri iyi nzu y’imbohe nta cyaha nkoze.” Umutware w’abahereza ba divayi yabonye byose bisohora nk’uko yabibwiwe; ariko amaze kongera gutona ku mwami, ntiyigera atekereza uwamugiriye neza. Yosefu yagumye muri gereza indi myaka ibiri. Ibyiringiro yari yatangiye kugira muri we, byongeye kugenda biyoyoka buhoro buhoro, maze ku bindi bigeragezo yari afite hiyongeraho akababaro k’ababaye indashima.

{AA 142.4}

Nyamara ukuboko kw’Imana kwendaga gukingura inzugi za gereza. Ijoro rimwe, umwami wa Misiri yarose inzozi z’uburyo bubiri, zisa nk’aho zerekeje ku kintu kimwe kandi zimeze nk’izihanura ibyago bikomeye. Ntiyashoboye kumenya icyo zisobanuye, noneho zikomeza kumukura umutima. Abapfumu n’abanyabwenge bo mu Misiri bose bananiwe gusobanura izo nzozi. Umwami akomeza guhagarika umutima bikomeye, maze ubwoba butaha mu ngoro ye yose. Icyo gikuba cyibukije umutware w’abahereza ba divayi ibyo inzozi yigeze kurota; ahita atekereza Yozefu, kandi ababazwa n’amazinda ye no kuba yarabaye indashima. Aherako abwira umwami uburyo inzozi ze n’iz’umutware w’abatetsi b’imigati zasobanuwe n’umucakara w’Umuheburayo, n’uburyo ibyo yasobanuye byasohoye. {AA 142.5}

Byari urukozasoni kuri Farawo kureka abapfumu n’abanyabwenge bo mu gihugu cye, maze akiyambaza umunyamahanga w’umucakara, ariko yari yiteguye kwitabaza iyo nsuzugurwa kugira ngo umutima we wari uhagaze uhumurizwe. Bihutira gukura Yozefu muri gereza; yambura imyenda y’imfungwa, ariyogoshesha kuko umusatsi we wari warabaye nk’uruhiza muri cya gihe yari muri gereza agirirwa nabi. Hanyuma bamushyira umwami.

{AA 143.1}

“Maze Farawo abwira Yozefu ati: Narose inzozi, mbura umuntu n’umwe ushobora kuzisobanura: ariko numvise ko ushobora gusobanura inzozi bakurotoreye. Nuko Yozefu asubiza umwami ati, “Si jye; ahubwo Imana ni Yo iri buguhe igisubizo kiguhesha amahoro.” Igisubizo Yozefu yashubije umwami cyagaragarizaga ukwicisha bugufi kwe no kwizera Imana.Yanze icyubahiro cy’uko muri we afite ubwenge buhanitse. “Ntabwo ari jye. Imana yonyine ni yo ibasha gusobanura ibi bintu bihishwe.”

{AA 143.2}

Nuko Farawo atangira kurotora inzozi ze: “Narose mpagaze ku nkombe y’uruzi rwa Nili: maze mbona hazamutsemo inka indwi nziza zibyibushye, zitangira kurisha mu rufunzo. Nuko zikurikirwa n’izindi nka indwi mbi zinanutse, zanitse amagufwa. {AA 143.3}

Sinigeze mbona inka mbi nk’izo mu gihugu cyose cya Misiri. Izo nka mbi zanitse amagufwa, zimira bunguri za nka indwi za mbere zibyibushye. Nyamara zimaze kuzimira bunguri, ntube wamenya ko hari icyo zariye kuko zakomeje kunanuka nka mbere. Ubwo mba ndakangutse. Nongera kurota mbona amahundo arindwi manini kandi meza, ahunze ku gikenyeri kimwe. Mbona n’andi mahundo arindwi y’iminambe, yumishijwe n’umuyaga uturuka iburasirazuba, amera ayakurikiye. Ayo mahundo y’iminambe amira ya mahundo arindwi meza! Izo nzozi zombi nazirotoreye abanyabwenge, ariko ntihagira n’umwe washoboye kuzinsobanurira.” Itangiriro 41: 17-24. {AA 143.4}

Yozefu abwira Farawo ati, “Inzozi zawe ni zimwe. Imana yakweretse ibyo igiye gukora Za nka indwi nziza ni imyaka irindwi, na ya mahundo arindwi meza ni imyaka irindwi y’uburumbuke. Izo nzozi zisobanura kimwe. Naho inka indwi mbi zinanutse zizikurikiye, na ya mahundo arindwi y’iminambe, yumishijwe n’umuyaga w’iburasirazuba, bizaba imyaka irindwi y’inzara. Nk’uko nabikubwiye, Imana yaguhishuriye icyo igiye gukora. Igihugu cyose cya Misiri kigiye kumara imyaka irindwi gifite umusaruro utubutse cyane. Hanyuma hazakurikiraho imyaka irindwi y’inzara, izatuma uwo musaruro utubutse wibagirana mu gihugu cyose cya Misiri, kandi inzara izayogoza igihugu cyose. Iyo nzara y’icyago izakurikira uwo musaruro izasiga igihugu iheruheru. Izo nzozi warose incuro ebyiri, zerekana ko ibyo zisobanura byategetswe n’Imana kandi ko izabisohoza bidatinze. None rero ushake umuntu w’umunyabwenge kandi ufite ubushishozi umushinge igihugu, ushyireho n’abagenzuzi mu gihugu cyose cya Misiri, kugira ngo bake abaturage kimwe cya gatanu cy’ibyo bejeje muri iyo myaka irindwi y’umusaruro utubutse Babyegeranye, ubategeke bahunike imyaka y’impeke mu mujyi, maze bashyireho n’abarinzi Ibyo bazahunika, bizateganyirizwa gutunga abantu mu myaka irindwi y’inzara izatera mu gihugu cyose cya Misiri, bityo igihugu cye kuzarimburwa n’inzara.” Itangiriro 41: 25-36. {AA 143.5}

Ubwo busobanuro bwari ukuri kandi butanyuranyije, ibyo bwemezaga byarumvikanaga kandi birimo ubushishozi ku buryo ukuri kwabyo kutagombaga gushidikanywa. Ariko se ni nde wajyaga guhahwa inshingano yo gusohoza uwo mugambi? Ubushishozi bwo kumutoranya ni bwo bwajyaga gutuma igihugu kirokoka ako kaga. Umwami yari ahagaritse umutima. Rimwe na rimwe, gushyiraho uwajyaga gukuzasohoza iyo nshingano byabaga byagiraga icyo bishingiraho. Binyuze mu mutware w’abahereza ba divayi, umwami yamenye ubushishozi n’ubwitonzi Yozefu yagaragaje igihe yari

ashinzwe gereza; byaragaragaraga ko afite ubushobozi bwo kuyobora abantu mu rwego ruhanitse. Umutware w'abahereza divayi y'umwami afite kwishinja kwinshi, yihatiye gusibanganya icyaha cye cyo kuba indashima, akoresheje gushimagiza uwamugiriye neza; maze ku iherezo umwami aza kumusobanuza niba akwiye kwemera ukuri kw'ibyo arimo kuvuga. Mu gihugu cyose, Yozefu ni we muntu wenyine wari warahawe impano y'ubwenge bwo kumenyekanisha ibyago byabaga bigiye gutera igihugu n'imyiteguro yo kuzahangana na byo; maze umwami abona ko Yozefu ariwe ukwiriye gusohoza imigambi yari yagaragaje. Nta gushidikanya, imbaraga y'ijuru yari kumwe na we, kandi mu byegera by'umwami, nta n'umwe wari ufite ubumenyi buhagije bwo kuyobora igihugu mu gihe nk' icyo gishishana. Kuba yari Umuheburayo n'umucakara byari ibyo akanya gato ugereranyije n'ubwenge n'ubushishozi yagaragazaga. "Farawo abaza abagaragu be, ati: Tuzabona hehe umuntu umeze nk'uyu, urimo Umwuka w'Imana?" {AA 144.1}

Hafatwa umwanzuro wo gushyiraho uwo muntu, maze Yozefu atungurwa no gutangarizwa ngo, "Ubwo ari wowe Imana yamenyesheje ibyo byose, nta wundi ufite ubwenge n'ubushishozi kukurusha. Ni wowe uzategeka ingoro yanjye; kandi abantu banjye bazakumvira. Icyo ntaguhaye gusa ni ubwami." Itangiriro 41:39-41. Umwami akurikizaho kwambika Yozefu ibimenyetso by'ibikomangoma bikomeye. "Maze Umwami yiyambura impeta ku rutoki rwe, iriho kashe ye, ayambika Yozefu ku rutoke, amwambika n'imyenda myiza n'umukufi wa zahabu mu ijosi; amuha n' igare rya kabiri rikururwa n'amafarashi; abamugenda imbere bagatangaza bati: nimumukomere amashyi!" Itangiriro 41: 42, 43. {AA 144.2}

"Yamushinze kuba umutware w'urugo rwe, amushinga no kugenga ibyo atunze byose. Yamushize guha ibikomangoma amabwiriza uko ashaka, amushinga no kungura ubwenge abajyanama b'ibwami." Zaburi 105:21, 22. Avuye muri gereza, Yozefu azamurirwa kuba umutegetsi w'igihugu cya Misiri cyose. Wari umwanya w'icyubahiro cyinshi, ariko kandi urimo ingorane n'akaga. Nta wahagarara hejuru y'inzu ndende y' umuturirwa ngo abure guhura n'ibyago. Nk'uko inkubi y'umuyaga ntacyo itwara ururabyo ruri hasi mu kibaya, nyamara ikarandura igiti cy'inganzamarumbu giteye mu mpinga y'umusozi, ni ko rero, abagundiriye ubunyangamugayo bwabo bicisha bugufi mu mibereho yabo bashobora kugushwa mu rwobo n'ibigeragezo byibasiye ubukire bw'isi n'icyubahiro. Ariko imico ya Yozefu we yihanganiye ibigeragezo kimwe haba mu kaga, haba no mu gutunganirwa. Ubudahemuka yagaragaje ku Mana ni nabwo yakomeje kugaragaza igihe yari mu ngoro y'ubwami kwa Farawo nk'uko yabugaragaje ari muri gereza. Yari akiri umunyamahanga mu gihugu cy'abapagani, aho yari yaratandukanyijwe na bene wabo baramyaga Imana; ariko yizeraga bihagije ko ukuboko kw'Imana ariko kwayoboye intambwe ze; maze kubwo guhora yishingikirije ku Imana, asohoza inshingano ze akiranutse. Umwami n'abakomeye bo mu Misiri

beretswe Imana y’ukuri binyuze muri Yosefu, kandi nubwo bubahirizaga ibigirwamana byabo, bize kubaha amahame baboneraga mu mibereho no mu mico y’uwaramyaga Yehova. {AA 144.3}

Mbese ni buryo ki Yozefu yabashije kugira imico irangwa no gushikama, kubonera n’ubushishozi bingana bityo? Kuva akiri muto, Yozefu yakundaga umurimo aho kwita ku cyubahiro; maze ubupfura, kwizerwa, no kubonera by’uwo musore byera imbuto zigaragarije mu byo yakoraga amaze kuba mukuru. Imibereho izira amakemwa kandi yoroheje yatumye akura afite imbaraga z’umubiri hamwe n’iz’ibitekerezo. Gushyikirana n’Imana binyuze mu byo yakoraga no gusesengura ukuri gukomeye kwabikijwe abaragwa bo kwizera byakujije kandi biboneza kamere ye y’ibya Mwuka, byagura kandi bikomeza intekerezo, mu buryo butabasha gukorwa n’izindi nyigisho. Kuba indahemuka ku murimo wose, kuva ku woroheje bikabije ukageza k’ugaragara ko ufite icyubahiro gikomeye, bitegurira imbaraga gukora umurimo wo mu rwego rwo hejuru. Uwimenyereza kugira imibereho ijyanye n’ubushake bw’Umuremyi aba yishakira ko imico ye ikomeza kuba iyo ukuri kandi iboneye. “Kubaha Uhoraho nibwo bwenge, kuzibukira ibyaha niko kujijuka.” Yobu 28:28.

{AA 145.1}

Bake gusa ni bo babona ko hari ingaruka utuntu duto dushobora kugira mu mikurire y’imico yabo. Nta kintu na kimwe dukora tugomba gufata nk’aho ari gito cyane. Ibyo tugenda duhura na byo buri munsi mu buryo bumwe cyangwa ubundi , bibereyeho kugerageza kwizera kwacu maze tukagaragara turi abiringirwa mu buryo bukomeye. Kwimenyereza kugira ihame rigenga imibereho yacu mu buzima busanzwe, intekerezo zihugukira ibyo ijuru aho kwita ku irari n’ibyo kwishyira hejuru. Intekerezo zatojwe ntizishobora gukozwa hirya no hino nk’uko umuheto uzengurutswa n’umuyaga; nabo bakomeza kuguma mu nshingano yabo kuko bimenyereje umuco w’ubudahemuka n’ukuri. Muri uko kugira ubudahemuka mu tuntu toroheje, bahaherwa imbaraga zo kuba indahemuka mu bintu bikomeye. {AA 145.2}

Umuco wo kwiyoroshya urusha cyane agaciro zahabu ya Ofiri. Nta n’umwe ubasha kugira icyubahiro giheranije atagize uko kwiyoroshya. Nyamara imico si ikintu umuntu aragwa. Ntaho igurwa. Ubupfura n’intekerezo nzima ntibipfa kwizana. Impano z’igiciro giheranije ntacyo wazinganya keretse iyo zitunganyijwe. Kugira imibereho iboneye ni umurimo wa buri gihe kandi ukwiye kuba ingaruka yo gushishoza no kwihangana. Gutunganirwa biterwa n’uko dukoresha amahirwe Imana iduha. {AA 145.3}

IGICE CYA 21 - YOSEFU NA BENE SE

(Iki gice gishingiye mu Itangiriro 41:54-56; 42-50)

Imyaka y'uburumbuke igitangira, nibwo habayeho kwitegura inzara yari igiye kuzayogoza igihugu. Kubwo itegeko rya Yosefu, ibigega binini cyane byubatswe mu mijyi yose y'ingenzi yo mu gihugu cya Misiri, maze bakora uko bashoboye kugira ngo bahunike ku byasaruwe byari bitegerejwe. Ibyo byakomeje gukorwa mu myaka irindwi y'uburumbuke kugeza ubwo impeke zahunitswe zidashobora gupimwa ngo bamenye uko zingana. {AA 146.1}

Noneho imyaka irindwi y'inzara iratangira nkuko Yozefu yari yarabivuze. "Inzara itera mu bihugu byose; uretse ko mu gihugu cyose cya Misiri hari hahunitswe ibyokurya. Abanyamisiri barembejwe n'inzara batakira Umwami ngo abahe ibyokurya na we abategeka gusanga Yozefu, no gukora ibyo abategeka. Inzara imaze gukomera no gukwira mu bihugu byose, Yozefu akinguza ibigega byose, maze Abanyamisiri bagura impeke." {AA 146.2}

Inzara yarakomeje igera no mu gihugu cya Kanani, iyogoza cyane agace k'aho Yakobo yari atuye. Bamaze kumva ko umwami wa Misiri yahunitse ibyokurya byinshi cyane, abahungu cumi ba Yakobo bajyayo guhaha impeke. Bagezeyo boherezwa ku wungirije umwami, maze hamwe n'abo bari kumwe baza kwiyereka umutegetsi w'igihugu. Maze "bamwikubita imbere bubamye." "Yozefu yari yamenye bene se ariko bo ntibari bamumenye." Izina rye ry'Igiheburayo ryari ryarahinduwe afite iryo umwami yamuhaye, kandi hagati ya minisitiri w'intebe wa Misiri n'umwana muto bari baragurishije n'Abishimayeli hari agashusho gato. Ubwo Yozefu yabonaga bene se bamwikubita imbere kandi bamwubashye, yibutse za nzozi ze kandi yongera kubona bya bindi byamubayeho kera byose bibaye nk'ibimuri imbere. Abararanganyijemo amaso ye y'ubushishozi, abona ko Benjamini atari kumwe na bo. Mbese aho na we ntiyaba yarahuye n'ubugome bw'abo bantu bari bafite imico ya kinyamaswa? Agambirira kumenya ukuri. Ababwira abakanika ati, "Muri abatasi! Muzanywe no kureba ko igihugu gifite intege nke!" {AA 146.3}

Baramusubiza bati, "Oya, databuja! Ahubwo abagaragu bawe tuzanywe no kugura ibyokurya. Twese turi abavandimwe b'inyangamugayo, ntabwo turi abatasi databuja!" Yifuzaga kumenya niba bari bagifite wa mutima wo kwikakaza berekanye igihe yari akiri kumwe na bo, no kubabaza amakuru y'iwabo; nyamara yari azi neza ko bari bumubeshye. Yongera kubashinja ko ari abatasi, maze baramusubiza bati, "Twebwe abagaragu bawe twari abavandimwe cumi na babiri, data atuye muri Kanani; muhererezi yasigaranye na we, naho undi yarapfuye." {AA 146.4}

Kubwo kugaragaza ko ashidikanya ukuri kw’ibyo bamubwiye, kandi no kuba akibabona nk’abatasi, uwo mutegetsi yajyaga kubemera ari uko abasabye kuguma mu Misiri kugeza ubwo umwe muri bo azagenda akazana murumuna wabo. Baramuka batabyemeye, bagafatwa nk’abatasi. Ariko abahungu ba Yakobo ntibari kwemera icyo cyifuzo, kuko byari gutuma imiryango yabo yicwa n’inzara; kandi se ni nde muri bo wajyaga gufata urwo rugendo wenyine asize bene se mu nzu y’ imbohe? Mbese yari guhinguka imbere ya se ate? Byasaga nk’aho bari bagiye kwicwa cyangwa bakagirwa abacakara; kandi n’iyo Benyamini bamuzana, yajyaga kugirwa nka bo. Biyemeza kuguma aho maze bagafatanya umubabaro, aho kugira ngo bongerere se agahinda bamwambuye umuhungu we wari usigaye. Nkuko byari byemejwe, bashyirwa muri gereza, bamaramo iminsi itatu. {AA 146.5}

Guhera igihe Yozefu yatandukanaga na bene se, imico y’abo bahungu ba Yakobo yari yarahindutse. Bari abanyeshyari, inkubaganyi, abanyabinyoma, abanyarugomo, kandi bagiraga umutima wo kwihorera; ariko noneho babonye ikigeragezo gikakaye, inarijye ibavamo, ntibongera kubeshyana, bagandukira se, kandi na bo ubwabo nk’abagabo b’ibikwerere, bumvira amategeko ye. {AA 147.1}

Iminsi itatu bamaze muri gereza ya Misiri yababereye iminsi y’ agahinda gasaze ubwo abo bavandimwe bongeraga gutekereza ibyaha bakoze. Nibatazana Benyamini, nta kabuza bazitwa abatasi, kandi ntibari biringiye ko se ashobora kubemerera ko bajyana Benjamini. Ku munsi wa gatatu, Yozefu ahamagaza bene se ngo babamuzanire.Yumvaga atakomeza kubafunga igihe kirekire. Se ndetse n’imiryango yari kumwe na we bari bamaze kuzahazwa n’inzara. “Yozefu arababwira ati, “Dore ndi umuntu wubaha Imana, nimukora icyo mbabwira ntacyo nzabatwara. Niba muri inyangamugayo, umwe muri mwe nagume hano muri gereza, abandi mugende mujyane ingano zo kugoboka imiryango yanyu yazahajwe n’inzara. Ntimuzabure kunzanira murumuna wanyu, kugira ngo bigaragaze ko muvuga ukuri mutazava aho mwicwa.” Nubwo bashidikanyaga ko se atazatuma bagarukana na Benjamini, ariko bemeye icyo cyifuzo.Yozefu yavuganaga na bo hari umuntu ubasobanurira, maze kuko bibwiraga ko uwo mutegetsi atabumva, baganirira imbere ye batagira icyo bishisha. Bishinjaga uko bagiriye nabi Yozefu bagira bati, “Nta gushidikanya, turazira ibyo twakoreye murumuna wacu. Twamugiriye nabi, adutakiye ntitwamwumva, nicyo gituma na twe ibi byago bitubayeho.” Rubeni wari ufite umugambi wo gukiza Yozefu bari i Dotani yungamo ati, “Nababujije kuririra uwo mwana nabi mwanga kunyumvira, none dore amaraso ye aradukurikiranye.” Yozefu wari aho ateze amatwi, ananirwa kwihangana, arasohoka ararira. Agarutse ategeka ko Simiyoni bamubohera imbere yabo akongera gusubizwa muri gereza. Igihe bagiriraga nabi mwene se, Simiyoni ni we waboshyaga kandi abigiramo n’uruhare rurini, nicyo cyatumye ari we utoranyirizwa gusubira muri gereza. {AA 147.2}

Mbere yo kurekura bene se ngo bagende, Yozefu yategetse ko babaha ingano kandi bagasubiza rwihishwa n'ifeza bari bishyuye mu mifuka yabo. Bahawe n'impamba zo guha indogobe zabo bari mu nzira bataha. Bageze mu nzira, umwe muri bo afunguye umufuka we, atangazwa no gusangamo agafuka k'ifeza ze. Abimenyesheje abandi, bakuka umutima kandi bahinda umushyitsi baravugana bati, "Ibyo Imana yadukoreye ni ibiki?" Mbese bagombaga kubifata nk'impano y'ubugiraneza bahawe n'Uwiteka cyangwa yabikoreye kugira ngo ibahanire ibyaha byabo bityo barusheho kubabara? Bamenye ko Imana yabonye ibyaha byabo none ikaba ibibahaniye. {AA 147.3}

Yakobo yari ahagaritse umutima ategereje ko abahungu be bagaruka, maze bagarutse abari mu mahema abakikije bose bateranira hamwe bafite ishyushyu ryo kumva uko abo bahungu batekerereza se ibyababayeho byose. Buri wese ashya ubwoba. Imyitwarire y'umutegetsi w'Abanyamisiri yasaga nk'aho irimo imigambi mibi, kandi babyemezwaga n'igihe bafunguraga imifuka yabo, buri muntu wese agasanga harimo ifeza yari guhahisha. Se wari umusaza avugana agahinda ati, "Mungize inshike: Yosefu ntakiriho, Simeyoni ntariho, none kandi murashaka kunkuraho na Benyamini: ibyo ni jye bibayeho byose." "Umwana wanjye ntazajyana namwe; kuko mwene nyina yapfuye, akaba asigaye ari ikinege: yagirira ibyago mu nzira muzacamo, muzatuma imvi zanjye zimanukana ishavu zijya ikuzimu." {AA 148.1}

Ariko amapfa arakomeza, kandi uko iminsi ihita, ihaho ry'impeke bakuye mu Misiri rigenda rishira. Abahungu ba Yakobo babona ko gusubira mu Misiri batajyanye Benjamini ntacyo byaba bimaze. Bumvaga batizeye bihagije kuba bahindura umwanzuro wa se, maze bategereza uko bizagenda bucece. Buhoro buhoro bakomeza kubona uko inzara ibicikirije; gusuherwa kwagaragaraga mu maso h'abantu bari batuye aho kwatumye uwo musaza amenya icyo babuze. Hanyuma aravuga ati, "Nimusubireyo muduhahire utwokurya." {AA 148.2}

Yuda aramusubiza ati, "Wa mugabo yaratwihanangirije ati, Ntimuzongere kumpinguka imbere mutazanye na murumuna wanyu. Nureka tukajyana na murumuna wacu, turajyayo tuguhahire ibyo kurya, ariko nutamwohereza, ntituzajyayo kuko uwo mugabo yatubwiye ati, Ntimuzongere kumpinguka imbere mutazanye na murumuna wanyu." Abonye ko se atangiye kunamuka ku cyemezo yari yafashe, Yuda yongeraho ati, "Mpa uyu musore mujyane tubone kugenda; naho ubundi inzara yaturimburana na we n'urubyaro rwacu." Aramwishingira kandi yemera ko natagarura Benjamini ngo amushyikirize se, uwo mugayo uzamwokame. {AA 148.3}

Yakobo ntiyakomeje kuba ku izima, yaretse icyemezo yari yafashe, maze asaba abahungu be kujya kwitegura urugendo . Yababwiye no gushyira uwo mutegetsi amaturo y'ibintu bike bishobora kuboneka mu gihugu nk'icyo cyazahajwe n'amapfa - "nk'amavuta yomora n'ubuki, n'indyoshyandyo, n'imibavu, n'imbuto z'ibiti," no gukuba

kabiri ifeza zo guhahisha. “Ngaho nimujyane na murumuna wanyu musubire kuri uwo mugabo.” Ubwo abahungu be bari bagiye guhaguruka ngo bafate urugendo batari bazi neza ko ruzabahira, se wari ugeze mu zabukuru yarahagurutse, arambura amaboko ye ayerekeje mu ijuru, arasenga ati, “Imana Nyirububasha izatume uwo mugabo abagirira neza, abareke mugarukane n’umuvandimwe wanyu wundi na Benjamini! Ubundi niba abana bagomba kunshiraho, ntako nagira.” {AA 148.4}

Barongera basubira mu Misiri biyereka Yozefu. Akubise amaso mwene nyina Benyamini, ibinezaneza biramusaba. Ariyumanganya, ariko ategeka ko babajyana iwe, bakabategurira amafunguro kugira ngo basangire. Abo bavandimwe babonye bajyanywe mu ngoro y’umutegetsi, bagira ubwoba bwinshi, batinya ko baribubazwe za feza basanze mu mifuka yabo. Bibwiraga ko yaba yarashyizwemo kugira ngo haboneke impamvu yo kubagira abacakara. Muri uko guhagarika umutima kwabo, bihererana ushinzwe iby’urugo ngo bamubwire ibijyanye n’urugendo baheruka kugirira mu Misiri; kandi kugira ngo bahamye ko ari abere, babwiye icyo gisonga ko bagaruye ifeza basanze mu mifuka yabo, kandi ko bazanye n’izindi zo guhahisha; barongera bati, “Ntituzi uwashubije ifeza zacu mu masaho yacu.” Uwo mugabo arabasubiza ati, “Nimuhumure, mwigira ubwoba. Imana yanyu, ariyo Mana ya so, ni yo yashyize ubwo butunzi mu mifuka yanyu. Naho jyewe ifeza mwishyuye narazakiriye.” Imitima yabo iratuza; maze babonye Simeyoni wari waravanywe muri gereza abasanze, babona rwose ko Imana yabagiriye ubuntu. {AA 148.5}

Ubwo uwo mutegetsi yongeraga kubonana na bo, bamushyikirije amaturo bazanye, kandi bicishije bugufi “bamwikubita imbere bubamye.” Na none yibuka za nzozi ze, kandi amaze kubasuhuza arababaza ati, “Ni amahoro? Wa musaza So mwambwiye na we ni amahoro? Ese aracyariho?” Baramusubiza bati, “Umugaragu wawe data ni amahoro, aracyariho.” Barongera barunama bamwikubita imbere. Yitegereza Benyamini arababaza ati, “Uyu ni we wa muhererezi wanyu mwambwiye?” Abwira Benyamini ati, “Mwana wanjye, Imana iguhe umugisha,” ariko kuko yari amukumbuye, agira ikiniga, ntiyagira ikindi avuga. ” Arihuta yinjira mu kindi cyumba ararira.” {AA 149.1}

Amaze kwiyuhagira mu maso, ariyumanganya, aragaruka, maze batangira ibirori. Kubw’ amategeko y’ubwoko bwabo, Abanyamisiri ntibasangiraga n’ubundi bwoko. Abahungu ba Yakobo bagaburirwa ku meza yabo ubwabo, naho uwo mutegetsi kuko yari umunyacyubahiro ukomeye, bamugaburira ukwe, Abanyamisiri bari aho na bo babagaburira ukwabo. Bamaze kwicara bose, abo bavandimwe batangazwa no kubona uko bicaye bateganye na Yozefu hakurikijwe imyaka yabo y’amavuko, uhereye ku w’imfura ukagera ku muhererezi. “Yozefu ategeka ko babagaburira ku biryo byari ku meza ye;” ariko igaburo rya Benyamini riruta ay’abandi inshuro eshanu.” Ubwo yakoraga ibyo, yashakaga kumenya niba umuhererezi wabo bamugirira ishyari

n’urwango nk’ibyo bari baramugaragarije. Bakibwira ko Yozefu atumva ururimi rwabo, abo bavandimwe baganiraga nta cyo bishisha; noneho aboneraho umwanya mwiza wo kumenya ibitekerezo byabo. Yari acyifuza gukomeza kubagerageza, maze mbere y’uko bagenda, ategeka ko igikombe cye cy’ifeza yanyweshaga gihishwa mu mufuka w’umuhererezi wabo. {AA 149.2}

Basubira iwabo banezerewe cyane. Simeyoni na Benyamini bari kumwe na bo, indogobe zabo zari ziremerewe n’impeke, kandi bose bumvaga ko barokotse akaga kasaga n’akabugarije. Ariko bakigera ku nkengero z’umujyi, igisonga cya wa mutegetsi kibageraho, kibabazanya uburakari kiti, “Ni kuki mwitura inabi uwabagiriye neza? Mwibye igikombe databuja anywesha, kandi akanagikoresha aragura! Mwakoze ishyano!” Icyo gikombe ngo cyari gifite ububasha bwo kwerekana ko ibyo bagishyizemo birimo uburozi. Muri icyo gihe, ibikombe nk’ibyo byahabwaga agaciro cyane kuko byatumaga nta wicishwa uburozi. {AA 149.3}

Kubwo icyo kirego cy’icyo gisonga, abo bagenzi baramusubiza bati, “Databuja, ni iki kimuteye kudutumaho ayo amagambo? Imana yabujije abagaragu bayo gukora ayo marorerwa: dore ifeza twasanze mu mifuka yacu ubushize twarazikugaruriye tuzivanye mu gihugu cy’i Kanani. None twabasha dute kwiba ifeza cyangwa izahabu byo mu nzu ya shobuja? Ngaho saka, uwo muri twe uribufatanwe icyo gikombe yicwe, abandi bagirwe inkoreragahato za databuja.” {AA 149.4}

Icyo gisonga kirabasubiza kiti, “Ngaho ntibibe uko mubyivugiye. Ariko ufatanwa icyo gikombe ndamugira inkoreragahato yanjye, naho abandi baraba ari abere.” {AA 150.1}

Atangira kubasaka uwo mwanya. “Bihutira kururutsa imifuka yabo, asaka umufuka wose, ahereye ku wa Rubeni, bakurikirana uko bangana kugeza k’umuhererezi. Icyo gikombe bagisanga mu mufuka wa Benyamini. Abo bavandimwe barababara cyane, bashishimura imyambaro yabo, maze basubiza imitwaro ku ndogobe bagaruka mu mujyi buhoro. Kuko bari babisezeranye, Benyamini yagombaga kugirwa inkoreragahato. Bakurikira icyo gisonga kugera mu ngoro, basanga umutegetsi agihari, bamwikubita imbere. Arababaza ati, “Ibyo mwakoze ni ibiki? Ntimwari muzi ko umuntu nkanjye aragura akamenya umwibye?” Yosefu yashakaga ko bemera icyaha cyabo. Ntiyigeze arangwa no kugira ubushobozi bwo kuragura, ariko yagira ngo bizere ko ashobora gusoma ibyo bibwira mu mitima yabo. {AA 150.2}

Yuda aramusubiza ati: “Databuja, twakubwira iki? Ntacyo twavuga! cyangwa twakwisobanura dute ko ari Imana yagaragaje icyaha cyacu ? Databuja, uwo bafatanye igikombe, ndetse natwe twese tubaye inkoreragahato zawe.” {AA 150.3}

Yozefu aramusubiza ati, “Kirazira sinabakorera ibintu nk’ibyo, ahubwo uwo bafatanye igikombe ni we uzaba inkoreragahato yanjye; naho mwe nimusubire kwa so amahoro.”

{AA 150.4}

Yuda ahagaritse umutima cyane yegera uwo mutegetsi aramwinginga ati, ” Databuja mbabarira ngire icyo nkubwira kandi bye kukurakaza, kuko kuvugana nawe ari nko kuvugana n’Umwami Farawo. Mu magambo yakoze ku mutima wa Yozefu, Yuda yasobanuye intimba se yagize ubwo yaburaga Yozefu n’uburyo yagononwe kureka Benyamini ngo azane na bo mu Misiri, kuko ari we muhungu wenyine wari usigaye kwa nyina Rasheli, kandi Se akaba yaramukundaga cyane. Aravuga ati, “None ndamutse nsubiye kuri data tutari kumwe na we, data atamubonye yahita apfa. Bityo rero, abagaragu bawe tukaba dutumye asaza nabi agapfana agahinda. Kuko nijeje data ko “nintamugarura ngo mumushyikirize, uwo mugayo uzanyokame. None ndakwingize, nyemerera rwose nsigare mu mwanya we nkubere inkoreragahato, naho we umureke atahane na bakuru be. Nashobora nte gutaha nsize uriya musore? Sinakwihanganira kureba agahinda ka data” {AA 150.5}

Yosefu yaranyuzwe. Yabonye imbuto zo kwihana nyakuri muri bene se. Amaze kumva uko Yuda yitanze amaramaje, ategeka ko abandi bose basohoka uretse abo bagabo, noneho ararira, araboroga cyane avuga ati, “Ndi Yozefu, koko se data aracyariho?” {AA 150.6}

Bene se bagira ubwoba cyane, ntibagira icyo bamusubiza, bamera nk’ibiragi. Umutegetsi wa Misiri, umuvandimwe wabo Yozefu, uwo bagiriye ishyari kandi baba barishe, hanyuma bakamugurisha nk’umucakara! Inabi yose bamugiriye ibagaruka imbere. Bibutse uburyo bahinyuye inzozi ze kandi bagakora ibishoboka byose kugira ngo zitazasohozwa. Nyamara bari bamaze gukora ibijyanye n’uruhare rwabo rwo gusohoza izo nzozi, kandi noneho ubwo bari bari munsi y’ubutware bwe, nta gushidikanya yajyaga kwihorera kubera inabi yagiriwe. {AA 150.7}

Abonye ko baheze mu majune, ababwiza ineza ati, “Ndabinginze, nimunyegere.” Bamaze kumwegera arakomeza ati, “Ndi Yozefu mwene so, mwagurishije bakanzana mu Misiri. Nimuhumure kandi ntimwirenganyirize ko mwangenje mutyo. Imana niyo yatumye mbabanziriza kuza ino, kugira ngo izakize abantu inzara.” Ntimwirakarire yuko mwanguze ngo nzanwe ino kuko Imana ariyo yatumye mbabanziriza ngo nkize ubugingo bw’abantu.” Abonye ko bari bababaye bihagije ku bw’inabi bamugiriye, ashaka uburyo butunganye bwo kubamara ubwoba no kubakuraho umugayo wari ubariho. {AA 151.1}

“None hashize imyaka ibiri inzara iteye, kandi hasigaye indi itanu nta wuzahinga ngo asarure. Imana yakoze igitangaza ituma mbabanziriza kugira ngo izabakize inzara, urubyaro rwanyu rutazazima. Si mwe rero mwatumye nza ino, ahubwo ni Imana. Niyo yangize umutware mukuru w’umwami wa Misiri, impa kuyobora ingoro ye no gutegeka igihugu cye cyose. Nimwihute, musubire kwa data, mumumbwirire muti, ‘Imana

yampaye gutegeka Misiri yose, none tebuka unsange!Uzatura hafi yanjye mu ntara ya Gosheni, wowe n’abana bawe n’abuzukuru bawe, n’amashyo yawe n’imikumbi yawe n’ibyo utunze byose. Niho nzaguhera ibigutunga wowe n’umuryango wawe n’amatungo yawe, utazava aho usonza kuko hasigaye indi myaka itanu y’inzara. Mwanyiboneye mwese ndetse nawe mwene mama Benyamini, nta gushidikanya ndi Yozefu!” {AA 151.2}

“Yozefu ahobera mwene nyina Benyamini cyane, bombi bararira. Asoma bene se bose arira, hanyuma baraganira.” Bicuza icyaha cyabo bicishije bugufi kandi bamusaba kubababarira. Bari bamaranye igihe kirekire umuhangayiko n’igishinja, noneho bishimira ko Yozefu akiriho.

{AA 151.3}

Inkuru y’ibyabaye igera ku mwami bwangu, maze nawe agira ishyushyu ryo gushimira Yozefu, ubwo yatumiraga umuryango w’uwo mutegetsi ngo uze mu ngoro ye agira ati, “ibyiza byose bya Misiri bizaba ari ibyanyu.” Abo bavandimwe boherezwa iwabo bahawe amahaho menshi n’impamba n’ibindi bintu byose bikenewe kugira ngo bimurire imiryango yabo n’abagaragu babo mu Misiri. Yahaye Benyamini impano z’agaciro kenshi kurusha abandi. Noneho kubwo gutinya ko baza gutonganira mu nzira, abihanangiriza mbere yo kugenda agira ati, ” Ntimuzatonganire mu nzira!” {AA 151.4}

Abahungu ba Yakobo basubira kwa se bafite inkuru ishimishije ko “Yozefu akiriho, kandi ko ari umutegetsi mu gihugu cyose cya Misiri cyose.” Bakibimubwira, uwo musaza yarumiwe; ntiyemera ibyo bamubwiye; ariko abonye amagare menshi n’amafarashi n’indogobe bihetse imitwaro, kandi yongeye kubona Benyamini ari kumwe nabo, arabyemera, maze asabwe n’ibyishimo aratangara ati, ” Mbega igitangaza! Koko umwana wanjye Yozefu aracyariho! Reka nzajye kumureba ntarapfa.” {AA 151.5}

Hari ikindi gikorwa cyo kwicisha bugufi cyari gisigaye muri abo bavandimwe cumi. Bicuriza imbere ya se ko bamubeshye kandi ko bamugiriye inabi bikaba byarashenguye imibereho ye n’iyabo imyaka myinshi. Yakobo ntiyabakekagaho icyaha cy’ubugoryi nk’icyo, ariko yabonye ko ibyabaye byose byaganjwe n’ibyiza, maze abababarira abo bana be bacumuye kandi abaha n’umugisha. {AA 151.6}

Uwo mubyeyi n’abahungu be, n’imiryango yabo, imikumbi yabo n’amashyo n’abagaragu benshi, baherako berekeza mu Misiri. N’umunezero usabye imitima yabo, bafata urugendo, maze bageze i Berisheba, uwo mukurambere atambira Imana igitambo cy’ishimwe kandi asaba Uhoraho kumuha ikimenyetso cyuko azaba kumwe nabo. Iryo joro Imana iramubonekera iramubwira iti, “Witinya kujya mu Misiri, kuko abazagukomokaho ari ho nzabagirira ubwoko bukomeye. Nzajyana nawe mu Misiri,

kandi abazagukomokaho ni jyewe uzabagarura muri iki gihugu.” {AA 152.1}

Kwizezwa ngo “Ntutinye kujya mu Misiri, kuko nzakugirirayo ubwoko bukomeye,“byari bifite icyo bisobanuye. Iryo sezerano ryari ryarasezeraniwe Aburahamu ry’ uko azagira urubyaro rutabarika nk’inyenyeri; nyamara ubwo bwoko bwatoranyijwe bwiyongeraga buhoro. Kandi igihugu cy’i Kanani nticyatumaga babasha kororoka nk’uko bari barabibwiwe. Icyo gihugu cyari gituwe n’amoko akomeye y’abapagani, kandi bagombaga kuzacyamburwa nyuma “y’ibinyejana bine.” Niba abakomoka kuri Isiraheli bari aho kugira ngo bazabe ubwoko butabarika, bagombaga kwirukana abatuye muri icyo gihugu cyangwa bagakwirakwira hirya no hino baturana na bo. {AA 152.2}

Nk’uko Imana yari yabiteguye, ntibari kubasha kwivanga n’Abanyakanani; kuko iyo baza kugerageza kubikora, bajyaga kugira akaga ko koshywa gusenga ibigirwamana. Icyakora, Misiri yatanze ibyari bikenewe kugira ngo umugambi w’Imana usohozwe. {AA 152.3}

Agace k’igihugu kari gatoshye kandi karumbuka ni ko bahawe, kababashisha kororoka vuba. Kudakundwa n’Abanyamisiri kubera umurimo wabo w’ubworozi, kuko umushumba yari nk’ikizira ku Banyamisiri” byajyaga gutuma bakomeza kuba ubwoko bwihariye kandi bwitaruye andi moko kandi byajyaga no kubarinda gufatanya n’Abanyamisiri gusenga ibigirwamana. {AA 152.4}

Bageze mu Misiri, bahitira mu ntara ya Gosheni. Aho ni ho Yozefu yaje yicaye mu igare rye ry’umutegetsi w’igihugu ashagawe n’ibikomangoma. Ntiyibutse icyubahiro kubwo abari bamushagaye, ahubwo muri we harimo igitekerezo kimwe rukumbi, urukumbuzi rwari rusaze umutima we. Akibona abo bagenzi bahinguka, ananirwa kwihanganira urukundo n’urukumbuzi yahoraga ahisha. Arasimbuka ava mu igare rye maze yihutira kujya gusanganira Se. “Yozefu akibona se aramuhobera cyane arira, ananirwa kumurekura. Yakobo abwira Yozefu ati, « Ubu mpfuye nta gahinda, ubwo ukiriho nkaba nkwiboneye!” {AA 152.5}

Yozefu afata batanu mu bavandimwe be ajya kubereka Umwami no kugira ngo bahabwe aho bazatura. Kubwo gushimira Minisitiri w’intebe, umwami yajyaga guha abo bavandimwe imyanya ikomeye mu gihugu; ariko kuko Yozefu yasengaga by’ukuri Yehova, yashatse gukiza bene se ibishuko bajyaga guhura na byo iyo baba muri ubwo butegetsi bw’abapagani; nicyo cyatumye abagira inama yo kubwiza umwami ukuri umurimo bakoraga. Abahungu ba Yakobo bakurikije iyo nama, kandi bitondera no kumenyesha umwami ko batimutse burundu, ko ahubwo bahasuhukiye, bityo rero bakaba bafite uburenganzira bwo kuhava nibabishaka. Umwami abateganyiriza aho gutura ari ho mu gihugu cya Gosheni “hari ubutaka bwiza.” {AA 152.6}

Hashize igihe gito bahageze, Yozefu azana se ngo amwereke umwami. Uwo

mukuramberee ntiyari azi iby'ibwami; ariko mu buzima busanzwe, yari yaragiranye umushyikirano n'Umwami usumba bose, maze noheno kubwo kumva ko amurusha isumbwe, ashyira ibiganza bye hejuru maze asabira Umwami umugisha.

{AA 153.1}

Yakobo akiramukanya na Yozefu bwa mbere, imvugo yuzuye umunezero yasaga nk'aho kwabaye nk'aho ishyizeho iherezo ku gahinda n'ishavu yari amaranye igihe kirekire, akaba yiteguye gupfa. Ariko yagombaga kuzamara indi myaka cumi n'irindwi aruhukiye mu mahoro i Gosheni. Iyo myaka yari iy'umunezero ugereranyije n'iyari ihise. Yabonye ibihamya byo kwihana nyakuri mu bahungu be; abona umuryango we ufite ibikenewe byose kugira ngo ishyanga rikomeye rikure; maze kwizera kwe kugundira isezerano ridakuka ry'uko bazatura i Kanaani. We ubwe yari azengurutswe n'impano y'urukundo n'imbabazi akesha minisitiri w'intebe wa Misiri; kandi anejejwe no kuba mu muryango w'aho umwana we yari yarazimiriye igihe kirekire, ahaba yishimye kandi atekanye kugeza igihe apfiriye. {AA 153.2}

Ubwo yumvaga igihe cye cyo gupfa cyegereje, Yakobo yatumije Yozefu. Akigundiriye isezerano ry'Imana ryo kuzaragwa Kanani, abwira Yozefu ati, "Mwana wanjye, ungirire neza ntumpemukire, wumve icyo ngusaba. Ntuzampambe mu Misiri kandi ubindahire ushyize ikiganza munsi y'ikibero cyanjye. Nimara gutabaruka uzanshyingure muri Kanani hamwe n'ababyeyi banjye." Yozefu asezeranira se ko azabikora, ariko Yakobo ntiyanyurwa; amusaba kumurahirira ko azamushyingura iruhande rwa ba sekuruza mu buvumo bwa Makipela. {AA 153.3}

Hari ikindi kintu cy'ingenzi cyagombaga kwitabwaho; abahungu ba Yozefu bagombaga kubarwa mu bahungu ba Isiraheli. Yozefu aje kubonana na se ku nshuro ya nyuma, azana Efurayimu na Manase. Kubera nyina, abo basore bari bafitanye isano n'abatambyi bakuru bo mu Misiri; kandi umwanya wa se wabaheshaga ubukire n'icyubahiro, baramutse bashaka ubwabo kugirana isano n'Abanyamisiri. Nyamara Yozefu we yifuzaga ko bakomeza komatana n'ubwoko bwabo. Yagaragazaga ko yizera amasezerano y'Imana, maze kubw'abahungu be, yanga ibyubahiro byose bajyaga kubonera ibwami mu Misiri, abigurana kuba mu moko y'abashumba basuzuguritse, abo Imana yari yagize abaragwa b'amasezerano yayo. {AA 153.4}

Yakobo aravuga ati, "Abahungu bawe bombi, Efurayimu na Manase wabyariye mu Misiri mbere y'uko nza, mbafashe nk'abana nibyariye, kimwe na Rubeni na Simeyoni." Bagombaga kugirwa abe bwite, maze bakaba abakuru b'imiryango itandukanye. Bityo rero, amahirwe yo guhabwa ubutware yari yarakoreshejwe nabi na Rubeni yagombaga kugenerwa Yozefu, bikaba inkubwe ebyiri muri Isiraheli. {AA 153.5}

Amaso ya Yakobo yari amaze kuzamo ibirorirori kubera gusaza, kandi ntiyari yamenye

ko abo bahungu babamuzaniye; ariko abumvise arabamenya, niko kubaza ati, “Abo ni bande?” Bamubwiye abo aribo yongera kuvuga ati, “Ndakwinginze banyegereze mbasabire umugisha.” Uwo mukurambere arabiyegereza, arabahobera kandi arabasoma, maze abarambikaho ibiganza, abasabira umugisha ku Mana. Nuko arasenga ati, “Imana yayoboye data Isaka na sogokuru Aburahamu, Imana yandagiye kuva nabaho kugeza uyu munsi, iyambereye nk’umumarayika ikankiza ibibi byose, nihe aba basore umugisha.” Nta mwuka wo kwikanyiza, nta kwishingikiriza ku mbaraga z’umwana w’umuntu, cyangwa ubucakura bwari burimo. Imana yari yaramurokoye kandi iramukomeza. Ntiyigeze yivovotera ibihe bibi byahise yanyuzemo. Ibigeragezo n’agahinda byo muri yo minsi ntiyari akibuka ko hari icyo byamutwaye. Yibukaga gusa imbabazi z’Imana n’ineza yayo ihebuje byabanye na we mu rugendo rwe rwose. {AA 153.6}

Amaze kubasabira umugisha, aha umuhungu we ibyiringiro by’uko abasize kandi abazabakomokaho n’ubwo bazamara igihe kinini mu bucakara n’umubabaro, icyo gihamya cyo kwizera kwe agitanga muri aya magambo agira ati, “Dore ngiye gupfa, ariko Imana izabana namwe kandi izabasubiza mu gihugu cya ba sokuruza.” {AA 154.1}

Byose birangiye, abahungu ba Yakobo bose bateranira aho yari aryamye agiye gupfa. Maze Yakobo ahamagara abahungu be arababwira ati, “Nimuterane mbabwire ibizababaho mu bihe bizaza.” Yahoraga ahangayikishijwe no gutekereza ahazaza habo, maze akagerageza kwibwira uko amateka y’ubwo bwoko butandukanye azamera. Igihe abana be bari bategereje ko abasabira umugisha ubuheruka, Umwuka wo kwerekwa umuzaho, maze ahishurirwa uko ahazaza h’abazamukomokaho hazamera. Buri mwana wese wa Yakobo, hakurikijwe imico ya buri wese agenda abwirwa uko abazamukomokaho bazamera mu nshamake. {AA 154.2}

“Rubeni, mfura yanjye,

uri imbaraga zanjye,

umwana wo mu busore bwanjye,

Urusha bene so ishema, n’icyubahiro.” {AA 154.3}

Noneho se yerekana uko Rubeni azamera nk’umwana w’imfura; ariko icyaha giteye agahinda Rubeni yari yarakoreye Edari cyatumye adashobora guhabwa imigisha y’ubutware. Yakobo arakomeza ati, {AA 154.4}

“Uri nk’amazi kuko adahama hamwe;

Ntuzabona ubutware.” {AA 154.5}

Ubutambyi bwahawe Levi, ingoma y’ubwami n’amasezerano ya Mesiya bihabwa Yuda,

umurage ukubye kabiri uhabwa Yozefu. Umuryango wa Rubeni ntiwigeze ukomera muri Isiraheli; ntiwagwiriye nk'uwa Yuda, uwa Yozefu, cyangwa uwa Dani, kandi wari umwe mu yabanje kujyanwa mu bunyage. {AA 154.6}

Abakurikiragaho mu myaka bari Simeyoni na Levi. Bari barafatanyije mu bugome bagiriye ab'i Shekemu kandi ni bo bari bashegeye cyane kugurisha Yozefu. Kuri bo havuze ibi bikurikira:"Nzabatatanyiriza muri bene Yakobo, Nzabanyanyagiriza hirya no hino muri Isiraheli." {AA 154.7}

Ubwo babaruraga Abayisiraheli, mbere yo kwinjira i Kanani umuryango wa Simeyoni ni wo wari ugizwe n'abantu bake. Ubwo Mose yasabiraga Isiraheli umugisha ubuheruka ntiyigeze agira icyo avuga kuri Simeyoni. Batura i Kanaani, uwo muryango wahawe umugabane muto cyane k'uwa Yuda, kandi nyuma y'aho imiryango nk'iyo yarakomeye yigarurira ibihugu bitandukanye kandi itura hanze y' Igihugu cy' Isezerano. Levi na we nta murage yabonye uretse imidugudu mirongo ine n'umunani yari itataniye hirya no hino mu gihugu. Ku bijyanye n'uwo muryango, nubwo babaye indahemuka kuri Yehova ubwo indi miryango yagwaga mu buhakanyi, ahubwo bo bakomeje umurimo muziranenge batorewe wo mu buturo bwera; maze umuvumo uhinduka umugisha. {AA 155.1}

Imigisha iheruka y'ubutware yahawe Yuda. Ubusobanuro bw'izina ryerekezaga ku gusingiza bwatanze mu buhanuzi buvuga ibyo amateka y'uyu muryango muri aya magambo: {AA 155.2}

"Yuda, abavandimwe bawe bazagusingiza

Uzanesha abanzi bawe.

Bene so bazunama imbere yawe,

Yuda ameze nk'icyana cy'intare

Umwana wanjye icyo afashe ntikimucika!

Aryama nk'intare ihaze

Uwamushotora yabona ishyano

Ingoma y'ubwami izahora kwa Yuda

Abazamukomokaho bazahorana inkoni y'ubutegetsi

Bazayihorana kugeza igihe Nyirayo azazira

Niwe amahanga azumvira." {AA 155.3}

Intare, umwami w’ishyamba, ni ikimenyetso gikwiriye uwo muryango Dawidi yakomotsemo, kandi n’umuhungu wa Dawidi, Shilo, ari we ‘Ntare yo mu muryango wa Yuda,” ni we abategetsi bose bazaramya kandi amahanga yose azamusingiza. {AA 155.4}

Yakobo yabwiye abana be hafi ya bose abwira abana be benda kuba bose ko bazamererwa neza. Hanyuma izina rya Yozefu rigerwaho, maze umutima we usabagizwa nuko yasabaga ko imigisha isukwa ku mutwe w’uwari waratandukanyijwe na bene Se: {AA 155.5}

« Yosefu ni ishami ry’igiti cyera cyane,

Ishami ry’igiti cyera cyane kiri hafi y’isoko;

Amashami yacyo arenga inkike y’igihome.

Abarashi bamugiriye iby’urwango,

Bamurashe imyambi y’akarengane;

Ariko umuheto we nturakabanguka,

Amaboko ye n ‘intoke ze bikomezwa

N’amaboko ya ya Ntwari ya Yakobo,..

Imigisha so ahesha irenze

Iyaheshejwe na data na sogokuru

Igera ku rugabano rw’imisozi ihoraho:

Izaba ku mutwe wa Yosefu,

Mu izingiro rye, ni we mutware wa bene Se.” {AA 155.6}

Yakobo yari umuntu ugira urukundo rwinshi mu mutima; urukundo yakundaga abahungu be rwari rukomeye kandi rwuzuye impuhwe. Urupfu rwe rwababereye igihamya cy’uko atari afite aho abogamiye cyangwa urwikekwe. Yari yarabababariye bose, kandi yarabakundaga kugeza ku muhererezi. Impuhwe ze za kibyeyi zagaragariraga mu magambo yo gutera umwete n’ ibyiringiro; ariko imbaraga y’Imana yamugumyeho, maze kubera gukoreshwa Umwuka w’Imana, bituma avuga ukuri n’ubwo byaba bibabaje bwose. {AA 156.1}

Amaze gutanga umugisha bwanyuma, Yakobo yongeye gusubiramo ibyerekeye aho bazamuhamba amaze gupfa. Nimara gupfa muzanshyingure hamwe n’ababyeyi

banjye, mu buvumo buri mu murima wahoze ari uwa Efuroni w'Umuheti. Uwo murima uri i Makipela." "Aho niho bashyinguye Aburahamu n'umugore we Sara, na Isaka, n'umugore Rebeka, na Leya." Nuko rero, igikorwa giheruka cyaranze imibereho ya Yakobo cyabaye kugaragaza ukwizera kwe ku masezerano y'Imana. {AA 156.2}

Imyaka iheruka ya Yakobo yabaye nk'ikigoroba cy'umutekano n'ikuruhuka nyuma y'umunsi w'akaga n'umuruho. Ibicu byari byarakoranye bibudika hejuru y'inzira ye, nyamara izuba rye rirabyeyura, maze umucyo w'ijuru umurikira amasaha ye yanyuma. Ibyanditswe biravuga ngo, "...nibigeza nimugoroba hazaba umucyo." Zakariya 14:7. "Ujye witegereza umuntu w'indakemwa, urebe umuntu w'intungane, bene abo banyamahoro bisazira neza." Zaburi 37:37. {AA 156.3}

Yakobo yari yaracumuye, kandi yarababaye bikomeye. Yamaze imyaka myinshi akorana umwete, yita ku nshingano ze ndetse ashavuye uhereye igihe yahungaga akava kwa se kubera icyaha cye gikomeye. Yari impunzi itagira aho yikinga, atandukanywa na nyina ntibongera kubonana ukundi; akora imyaka irindwi kugira ngo ahabwe uwo yakundaga, agera aho ariganywa; yakoreye umugabo wifuzaga kandi akikanyiza imyaka makumyabiri yose, uwo mugabo abonye ubutunzi bwa Yakobo burushaho kugwira, n'abana bakurira iruhande rwe, ntibyamushimisha maze ashaka ko bagabana; yahangayikishijwe no gukozwa isoni k'umukobwa we, ahagarikwa umutima no guhora kw'abahungu be, ababazwa n'urupfu rwa Rasheli, aterwa agahinda n'icyaha kidasanzwe cyo kwica cyakozwe na Rubeni, ababazwa n'icyaha cya Yuda, ashengurwa n'uburiganya bukomeye n'inabi byagiriwe Yozefu — mbega ukuntu urutonde rw'ibibi rwari rurerue kandi rucuze umwijima imbere ye! Yakomezaga kugenda asarura imbuto z'ibikorwa bibi yakoze ku ikubitiro. Yabonye ibyaha by'abana be bikomeza kugwira biturutse kucyo yari yarakoze. Ikibabaje kurutaho ni uko icyaha cyari gisohoje umurimo wacyo. Nta muntu uhanwa ngo muri ako kanya bimushimishe, ahubwo biramubabaza. Nyamara ababyitoje "amaherezo bibabyarira amahoro n'ubutungane." Abaheburayo 12:11. {AA 156.4}

Umwuka w'Imana wandika amafuti yose y'abantu batunganye, abatoranyijwe kubera ineza y'Imana; ikigeretse kuri ibyo, amafuti yabo agaragazwa kurenza ibyiza bakora. Ibi byateye benshi kwibaza kandi biha urwaho inkozi z'ibibi rwo kunnyega Bibiliya. Nyamara ni kimwe mu bihamya by'ingenzi by'ukuri kw' Ibyanditswe Byera ko nta bibi bikorwa ngo bihishirwe cyangwa ngo ibyaha n'ababikoze n'ubwo baba bakomeye bate ngo byirengagizwe. Intekerezo z'abantu buri gihe zirangwa no gucira abandi imanza kuburyo bitashoboka ko byibuza kubogama. Iyo Bibiliya iza kuba yaranditswe n'abantu batayobowe n'Umwuka w'Imana, nta gushidikanya yajyaga kwerekana imico y' abantu bayo b'icyubahiro mu buryo bubashyeshyenga gusa. Ariko nkuko biri, dufite aho ibyo banyuzemo byose byanditswe mu buryo nyakuri. {AA 156.5}

Abantu Imana yagiriye neza kandi ikabaha inshingano ikomeye, kenshi na kenshi batsindwa n'ibigeragezo maze bagakora icyaha, ndetse nkuko natwe muri iki gihe duhirimbana, tugakozwa hirya no hino maze kenshi na kenshi tukagwa mubishuko. Imibereho yabo irimo amafuti n'ubusazi biri imbere yacu kugira ngo bidukomeze kandi bidukebre. Iyo bagaragajwe nk'abatagira ifuti na rimwe, natwe nk'abanyabyaha duhita twiheba kubera amakosa yacu no kudatungana byacu. Ariko iyo tubonye aho abandi bacogoye nk'uko natwe byatubayeho, aho baguye mu bishuko nkatwe nyamara kandi bakaba barongeye kugarura umutima bakanesha babibashishijwe n'ubuntu bw'Imana, bidutera umwete wo kumaranira gushaka ubutungane. Nubwo rimwe na rimwe bajyaga bacogora, bakongera kugaruka mu nzira bahozemo maze Imana ikabaha umugisha, natwe imbaraga za Yesu zibasha kuduhindura abaneshi. Ku rundi ruhande, ibyanditswe ku mibereho yabo bishobora kutubera imiburo. Bigaragara ko Imana itazigera na rimwe ihishira icyaha. Ibona icyaha mu bantu ikunda cyane, kandi irwanya icyo cyaha cyabo birenze uko irwana nacyo mubafite umucyo muto n'inshingano zitaremereye. {AA 157.1}

Bamaze guhamba Yakobo, bene se wa Yosefu bongeye kugira ubwoba bwinshi mu mitima yabo. Batitaye ku neza yabagiriye, imitima ibashinja ikibi yatumye batizera Yozefu maze baramukeka. Bumvaga ko noneho agiye kubahinduka akabitura inabi bamugiriye, kuko se yari atagihari. Batinye kumuhinguka imbere ahubwo bamwohereza ubutumwa bagira bati, "So atarapfa yadutegetse ibyo tuzakubwira agira ati 'Ndakwinginze babarira bene so igicumuro n'icyaha bakugiriye nabi. Ntabwo bakugiriye nabi, ndagusabye ugirire imbabazi abagaragu b'Imana ya so!" Ubwo butumwa bwababaje Yozefu bituma arira, maze bene se babibonye batyo, baramusanga bamwikubita imbere baramubwira bati, "Dore turi hano abagaragu bawe." Urukundo Yozefu yari afitiye bene se rwari rwinshi kandi ruzira kwikanyiza, maze ababazwa nuko bibwiraga ko afite umutima wo kubitura inabi bamugiriye. Yozefu arabasubiza ati "Mwitinya ntacyo nzabatwara, sinakwishyira mucyimbo cy'Imana. Mwari muwagize imigambi yo kungirira nabi, ariko Imana iyihinduramo ibyiza kugirango ikize abantu benshi nk'uko namwe mubyirebera. None rero, mwitinya nzabatungana n'abana banyu." {AA 157.2}

Imibereho ya Yozefu ni ikigereranyo cy'imibereho ya Kristo. Ishyari ni ryo ryatumye bene se wa Yozefu bamugurisha ngo ajye kuba umucakara; bizeraga ko bagiye kumukoma imbere kugira ngo atazabarusha gukomera. Kandi ubwo yajyanwaga mu Misiri, bibeshye ko batazongera guhagarikwa umutima n'inzozi ze, ko bakuyeho ibyatumaga zisohora byose. Ariko imigambi yabo ihindurwa n'Imana kugira ngo isohoze ibyo bashakaga kubuza gusohozwa. Ni nako abatambyi n'abakuru bagiriye Kristo ishyari, batinya ko yakwirehezaho abantu bigatuma batabakurikira. Bamwishe bagira ngo bamubuze kuba umwami, ariko kandi bagize batyo ni bwo batumye ibyo

bibaho. {AA 157.3}

Binyuze mu buretwa mu gihugu cya Misiri, Yozefu yabaye umucunguzi w'umuryango wa Se; nyamara ibyo ntibyabagabanyirije icyaha. Ni ko na Kristo yabambwe n'abanzi be bigatuma aba Umucunguzi w'abantu, Umukiza w'abacumuye, n'Umutware w'isi yose; ariko icyaha cy'abamwishe cyari icyaha gikabije cyane nk'aho ukuboko kw'Imana kugira neza kutari kwayoboye ibyabayeho kugira ngo ikuzo ryayo no kugira neza kw'abantu bigaragaze. {AA 157.4}

Nkuko Yozefu yagurishijwe na bene se akagurwa n'abapagani, niko na Kristo yagambaniwe n'umwe mu bigishwa be, agahanwa mu maboko y'abanzi be gica. Yozefu yarezwe ibinyoma maze bamuroha muri gereza kubera imigenzereze ye myiza; Kristo nawe yarahinyuwe kandi arangwa kubera gukiranuka n'imibereho yitanga yagiriraga icyaha; kandi n'ubwo nta kibi yari yakoze, bamuciriye urubanza bakurikije ubuhamya bw'ibinyoma. Kandi kwihangana no gucisha make bya Yozefu ahemukirwa kandi akandamizwa, kuba yari yiteguye kubabarira no gufasha bene se bari bamerewe nabi, byerekana uko Umukiza yihanganiye uburyarya n'ibitutsi by'inkozi z'ibibi atuje, no kubabarira atari abo bagome gusa ahubwo n'abamusanze bose bihana ibyaha byabo kandi bashaka kubabarirwa. {AA 158.1}

Nyuma y'urupfu rwa se, Yozefu yabayeho indi myaka mirongo itanu n'ine. Yabonye ubuvivi bukomoka kuri Efurayimu, kandi arera nk'abe abana ba Makiri mwene Manase. " Yabonye kugwira no gutunganirwa kw'ubwoko bwe, kandi imyaka yose yahise, kwizera kwe ko Imana izasubiza Isiraheli mu gihugu cy'Isezerano ntikwigeze kujegajega. {AA 158.2}

Abonye ko iherezo rye ryegereje, abimenyesha ubwoko bwe. Kuba yari yubashywe ari mu gihugu cya Misiri, aho hari mu buhungiro; umurimo yakoze uheruka wari ukumenyekanisha ko yari Umwisiraheli. Amagambo ye aheruka yari aya: 'Imana ntizabura kubagenderera, ikabakura muri iki gihugu, ikabajyana mu gihugu yarahiriye Aburahamu na Isaka na Yakobo." "Yozefu yaguye mu Misiri amaze imyaka ijana na cumi, umurambo we barawosa, bawushyira mu isanduku" Mu binyejana by'umuruho byakurikiyeho, iyo sanduku yahamirizaga Abisiraheli ko bari abasuhuke mu Misiri, kandi bagasabwa guhoza ibyiringiro byabo ku Gihugu cy'Isezerano, kuko nta kabuza igihe cyo kugobokwa cyari kuzagera. {AA 158.3}

IGICE CYA 22 - MOSE

Kugira ngo abantu bo mu Misiri babone ibyo kurya mu gihe cy'inzara, bagurishije amatungo n'ubutaka bwabo maze bageza n'aho ubwabo bishyira mu bucakara. Yozefu yakoresheje ubushishozi ngo abakure muri ako gahato bari bishyizemo; abemerera gusubirana ubutaka bwabo bakayihinga bakiranutse, maze bagatanga kimwe cya gatanu cy'ibyo basaruye muri iyo mirima buri mwaka nk'ituro bajyana ibwami. {AA 159.1}

Ariko abana ba Yakobo bo ntibarebwaga n'ibyo. Bitewe n' akamaro Yozefu yagiriye igihugu cya Misiri, abana ba Yakobo ntibahawe gusa intara imwe y'igihugu ngo bayituremo ahubwo basonewe n'imisoro kandi bakomeza no guhabwa ibyo kurya ku buntu mu gihe cy'inzara. Umwami yavugiye ku mugaragaro ko Imana ya Yozefu ari yo yatumye Misiri igira ibyo kurya byinshi {AA 159.2}

ubwo ibindi bihugu byicwaga n'inzara. Yanabonye ko uburyo Yozefu yuzuzaga inshingano ze byatumye igihugu gikungahara cyane, maze kunyurwa kwe gutuma atonesha umuryango wa Yakobo. {AA 159.3}

Ariko uwo mugabo ukomeye Misiri yakeshaga byinshi, kandi n'ibisekuruza bikaba byarahawe umugisha kubwe, igihe cyarageze arapfa. Maze "mu Misiri hima umwami utarigeze kumenya ibya Yozefu." Si ukuvuga ko atari azi ibyo Yozefu yakoreye icyo gihugu, ahubwo yifuzaga kutabimenya, kandi byashoboka akabizimanganya burundu. "Abwira abantu be ati 'Dore, Abisiraheli bamaze kuba benshi kandi baturusha amaboko. Haramutse habaye intambara bakwifatanya n'abanzi bacu, bakaturwanya maze bakaducika. None rero nimureke dushake uburyo bwo kubabuza kwiyongera." {AA 159.4}

Abisiraheli bari bamaze kuba benshi; "bororoka, babyara cyane, baragwira, kandi barakomera cyane; buzura icyo gihugu." Bitewe n'uko Yozefu yari yarabitayeho, kandi banatonnye ku mwami wategekaga muri icyo gihe, buzuye igihugu. Bahindutse ubwoko bwihariye, butagize icyo buhuriyeho n'Abanyamisiri, haba mu mico cyangwa ku idini; maze uko kwiyongera gutera ubwoba umwami n'abantu be, babona ko haramutse habaye intambara bakwifatanya n'abanzi b'igihugu cya Misiri. Nyamara kandi amategeko yababuzaga kubirukana mu gihugu. Benshi muri bo bari abakozi bashoboye kandi b'abahanga, kandi bongeraga cyane umutungo w'igihugu. Umwami yari akeneye abakozi nk'abo kugira ngo bamwubakire ingoro n'insengero

by’akataraboneka. N’uko abashyira ku rwego rumwe n’urw’Abanyamisiri bari barigurishije hamwe n’ibyabo byose ku gihugu. Bidatinze bahabwa abakoresha, maze bahinduka inkoreragahato burundu. {AA 159.5}

“Nuko Abanyamisiri bashyiraho abatware bo gukoresha Abisiraheli imirimo y’agahato, babahatira kubakira umwami wa Misiri imigi ya Pitomu na Ramesesi, kugira ngo ibemo ibigega bye...Abisiraheli bariheba kubera imirimo y’agahato bakoreshwaga, cyane cyane iy’ubwubatsi n’ubuhinzi.” Nyamara uko barushagaho kubababaza, niko bakomezaga kugwira no gukwira mu gihugu. {AA 159.6}

Umwami n’abajyanama be bari bibwiye ko bazabuza Abisiraheli kugwira babakoresha imirimo iruhije, maze bigatuma bagabanuka, kandi bakabakuramo umutima wo kwigenga bari bafite. Babonye umugambi wabo upfubye, bakoresha ubundi buryo bukabije kuba bubi. Amategeko yahawe abari bafite umurimo watumaga bashobora gusohoza itegeko ryatanzwe, ariryo ryo kwica abana b’abahungu b’Abaheburayo mu gihe bazaba bakivuka. Satani niwe wari watanze iryo tegeko. Yari azi ko umucunguzi azavuka mu Bisirayeli, maze mukwoshya umwami ngo yice abana babo yibwiraga ko azakoma mu nkokora umugambi w’Imana. Ariko abo bagore bubahaga Imana ntibatinyuka gukora ubwo bugizi bwa nabi bari bategetswe gukora. Uwiteka yemeye icyemezo cyabo maze arabahira. Umwami arakajwe nuko umugambi we waburiyemo, atanga iryo tegeko ry’ikubagahu kandi rigomba gukurikizwa hose. Igihugu cyose cyabwiwe guhiga no kwica abatazakora ibyo yategetse. “Farawo ategeka abantu be bose ati, “Umuhungu uzajya avuka wese mujye mumujugunya mu ruzi, kandi umukobwa uzajya uvuka wese mujye mumureka abeho.” {AA 160.1}

Ubwo iryo tegeko ryarimo gukurikizwa bikomeye, Amuramu na Yokebedi, Abisiraheli bo mu muryango wa Levi, babyaye umwana w’umuhungu. Uwo mwana yari “umwana wo kuzatuma habaho ibyiza”; maze kuko ababyeyi bizeraga ko igihe cyo kurekura Abisiraheli bakava mu bubata cyegereje, kandi ko Imana izahagurutsa umucunguzi w’abantu bayo, biyemeje ko uruhinja rwabo rudakwiriye kwicwa. Kwizera Imana byakomeje imitima yabo, “ntibatinya itegeko ry’umwarni.” Abaheburayo 11:23. {AA 160.2}

Uwo mubyeyi yahishe uwo mwana amezi atatu. Noneho abonye ko atazashobora gukomeza kumuhisha ngo bibure kumenyekana, “afata agatebo gapfundikiye kabohesheje imfunzo, agahomesha ibumba n’ubushishi” kugira ngo amazi atazinjiramo, maze aryamishamo wa mwana, agatereka mu rufunzo rwo ku nkombe y’uruzi. Yatinye kumuba hafi kugira ngo ubuzima bwe n’ubw’uwo mwana butagirirwa nabi; nyamara mushiki w’uwo mwana witwaga Miriyamu ajya ahitaruye acunga kugira ngo arebe ko hari ikiba kuri musaza we. Kandi hari n’abandi barinzi. Amasengesho avuye ku mutima w’uwo mubyeyi yari yashyize umwana mu burinzi bw’Imana; kandi

abamarayika bataboneshwaga amaso bagendagendaga hejuru y’aho hantu horoheje uwo mwana yari ari. Abamarayika berekeje umukobwa wa Farawo aho ngaho. Ako gatebo gatoya kamuteye amatsiko, maze areba uwo mwana mwiza wari urimo, ahita yibwira iby’uwo mwana. Amarira y’urwo ruhinja yatumye arugirira impuhwe; maze yumva ababariye uwo mubyeyi utari uzwi wari wagenje atyo kugira ngo akize ubugingo bw’umwana we yari akunze cyane. Yagambiriye kurokora uwo mwana; akoresheje kumugira uwe bwite. {AA 160.3}

Miriyamu yitegerezaga ibiba byose bucece; abonye ko uwo mwana arebanywe impuhwe, arabegera, maze arababaza ati, “Mbese ntawagushakira Umuheburayokazi ngo amukonkereze?” Baramwemerera. {AA 160.4}

Nuko mushiki w’uwo mwana yihutira kubwira nyina iyo nkuru nziza kandi aherako asubiranayo na we basanga umukobwa wa Farawo. “Umukobwa wa Farawo abwira uwo mubyeyi ati, “Jyana uyu mwana umunyonkereze nzaguhemba.” {AA 160.5}

Imana yumvise amasengesho y’uwo mubyeyi; kwizera kwe kwabonye ingororano. Afite gushima kwinshi yahereyeko atangira inshingano ye atekanye kandi anezerewe. Yavugururye uburyo bwo kurerera umwana we Imana akiranutse. Yari azi neza ko icyatumye arokoka ari uko hari umurimo ukomeye yagombaga kuzakora, kandi ko bidatinze agomba kumuha nyina ariwe mukobwa w’umwami, akabaho mu buryo butuma ajya kure y’Imana. Ibyo byose byatumye amuhozaho ijisho kandi amwitaho bidasanzwe mu buryo yamwigishaga kuruta uko yitaga ku bandi bana be. Yihatiye kumushyiramo ibitekerezo byimbitse byo kubaha Imana no gukunda ukuri n’ubutabera, kandi agasenga asaba ko uwo mwana we yajya kure y’ibishobora kwangiza imibereho ye. Yamweretse ubugoryi n’icyaha byo gusenga ibigirwamana, kandi amwigisha akiri muto kwicisha bugufi agasenga Imana nzima, yo yonyine ishobora kumwumva kandi ikamufasha igihe cyose ayitakiye. {AA 161.1}

Yagumanye uwo muhungu igihe cyose ashoboye, ariko yasabwaga kumutanga amaze imyaka cumi n’ibiri y’amavuka. Bamukura mu kazu gaciriritse bari barimo maze bamujyana ibwami, bamushyira umukobwa wa Farawo, “ahinduka umwana we.” Nyamara n’ubwo yari ibwami, ntiyaretse ibyo yabwiwe akiri umwana. Ibyo yigishijwe na nyina ntiyabyibagiwe. Byari ingabo imukingira ubwibone, ubuhemu, n’ingeso mbi byari byarahawe intebe aho ibwami. {AA 161.2}

Mbega ngo impinduka ziturutse ku mubyeyi umwe w’Umuheburayo kandi wari umusuhuke n’umucakara ziratanga umusaruro wakwiriye hose! Imibereho yose Mose yagize, umurimo ikomeye yasohoje nk’ umuyobozi wa Abisiraheli, bigaragaza akamaro k’umurimo w’uwo mubyeyi w’Umukristo. Nta wundi murimo wangana n’uwo. Mu buryo ubwo aribwo bwose, umubyeyi niwe ufite iherezo ry’abana be mu biganza bye. Umubyeyi agira uruhare rwo gukuza ibitekerezo n’imico, adateganyiriza igihe gito gusa

ahubwo ari ibyo iteka ryose. Abiba imbuto izakura kandi ikera; ikera ibyiza cyangwa ibibi. Ntashushanya ikintu cy'uburanga ku mwenda cyangwa ngo akibaze mu ibuye ry'agaciro, ahubwo ni ugushyira ishusho y'Imana mu mutima w'umuntu. Cyane cyane igihe abana bakiri bato, inshingano y'umubyeyi ni ukurema imico-mbonera yabo. Ibyo bigishijwe bakiri bato bibagumamo mu mibereho yabo yose. Ababyeyi bakwiye kwigisha no gutoza abana babo bakiri bato kugira ngo bazakure ari Abakristo. Twahawe abana kugira ngo tubigishe, atari nk'abazaragwa intebe y'ubwami bw'isi, ahubwo nk'abami bazimana n'Imana ibihe bidashira.

{AA 161.3}

Mureke umubyeyi wese yumve ko ibihe bye ntacyo yabigura; umurimo we uzasuzumwa ku munsi w'urubanza. Ku munsi w'amateka bizagaragara ko ibyaha byinshi n'ubugome by'abagabo n'abagore ari ingaruka z'ubujiji n'uburangare bw'abari bafite inshingano yo kuyobora ibirenge by'abana mu nzira y'ukuri. Ni nabwo bizagaragara ko benshi bahesheje isi umugisha kubera umucyo w'ubuhanga, n'ukuri no gukiranuka babikesha ababyeyi babo basenga kandi b'Abakristo. {AA 161.4}

Aho ibwami kwa Farawo, Mose yahigishirijwe ibijyanye n'ubutegetsi bwa gisiviri n'ubwa gisirikari. Umwami yiyemeje ko uwo mwana wahindutse umwuzukuru ariwe uzamusimbura ku ntebe y'ubwami, maze uwo musore atozwa iby'iyo nshingano yo mu rwego rwo hejuru. "Nuko Mose yigishwa ubuhanga bwose bw'Abanyamisiri, aba ikirangirire mubyo avuga no mu byo akora."Ibyakozwe n'Intumwa 7:22. Ubushobozi bwe nk'umugaba w'ingabo bwatumye aba ikirangirire mu ngabo za Misiri, maze muri rusange akagaragara nk'umuntu w'akataraboneka. Umugambi wa Satani wari watsinzwe. Iteka ryo kwica abana b'Abaheburayo ryari ryahinduwe n'Imana kugira ngo itegure kandi yigishe umuyobozi uzayobora ubwoko bwayo. {AA 161.5}

Abakuru b'Abisiraheli bari barigishijwe n'abamarayika ko igihe cyo gutabarwa kwabo cyegereje, kandi ko Mose ari we Imana izakoresha kugira ngo asohoze uwo murimo. Abamarayika banahaye Mose amabwiriza ko Yehova yamutoranyirije gukuraho uburetwa bw'abantu bayo. Ku bwe, yibwiragako bazabona umudendezo wabo barwanye, yari yiteze ko azayobora ingabo z'Abaheburayo bakarwanya iza Misiri, maze kubera iyo mpamvu, yirinda gushyikirana na nyina cyangwa n'umwami kugira ngo batazamubuza gusohoza ubushake bw'Imana. {AA 162.1}

Ku bw' amategeko ya Misiri, abicaraga bose ku ntebe y'ubwami ya Farawo, bagombaga kuba abatambyi b'ibigirwamana; kandi Mose nk'uzaba umuragwa, yagombaga kwigishwa ibijyanye n'ubwiru bw'idini ry'igihugu. Inshingano ye yahariwe abatambyi. Ubwo yari umunyeshuri w'umunyamurava kandi utarambirwa, ntiyashoboraga kwoshya gufatanya nabo mu gusenga ibigirwamana. Bamuteye ubwoba ko azabura intebe y'ubwami kandi amenyeshwa ko umukobwa w'umwami

azamuca naramuka akomeje kugundira ukwizera kw'Abaheburayo. Ariko yari ashikamye ku cyemezo yari yarafashe cyo kutagira indi mana ayoboka uretse Imana, Umuremyi w'ijuru n'isi. Yagiye inama n'abatambyi n'abasengaga ibyo bigirwamana, abereka ubugoryi bwabo bwo kuramya ibintu bitumva bibwira ko ari Imana, ari ubusazi. Nta n'umwe washoboraga kuvuguruza ibitekerezo bye cyangwa ngo ahindure umugambi we, nyamara kubera umwanya ukomeye yari afite ndetse no kuba yari atonnye ku mwami no ku baturage, muri icyo gihe gushikama kwe kwarihanganiwe. {AA 162.2}

"Kwizera ni ko kwatumye Mose, ubwo yari amaze gukura, yanga kwitwa umuhungu w'umukobwa wa Farawo, ahubwo agahitamo kurengananywa n'ubwoko bw'Imana, abirutisha kumara umwanya yishimira ibinezeza by'ibyaha; kuko yatekereje ko gutukwa bamuhora Kristo, ari ubutunzi buruta ubw'Abanyegiputa babitse bwose, kuko yatumbiraga ingororano azagororerwa." Abaheburayo 11:24-26. Mose yashoboraga kugira umwanya wo hejuru mu bakomeye bo ku isi, akaba nyambere mu bwami bwaho bwarushaga ubundi bwose icyubahiro, kandi akaba n'umutegetsi wayo. Ubumenyi buhanitse yari afite bwamusumbishaga abakomeye bose b'ibihe byose. Nk'umuntu wari warize iby'amateka, ubusizi, ubucurabwenge, ubugaba bw'ingabo, n'umunyamategeko, nta wari uhwanye na we. Nyamara n'ubwo isi yari imuri imbere, yagize ubutwari bwo kwanga ibyo bamushukishaga by'ubutunzi, gukomera no kwamamara, "ahitamo kurengananywa n'ubwoko bw'Imana, aho kwishimira ibinezeza by'akanya gato." {AA 162.3}

Mose yari yarabwiwe ibijyanye n'ingororano zizahabwa abagaragu b'Imana bicisha bugufi kandi bumvira, maze asanga adakwiriye kuzigereranya n'ubutunzi bw'isi. Ingoro y'ubwami y'agatangaza n'intebe y'ubwami byari nk'ibishuko imbere ya Mose; nyamara yari azi ko ibinezeza by'icyaha byari aho i bwami bituma abantu bibagirwa Imana. Yirengagije ingoro ihebuje, ikamba ry'ubwami, atumbira icyubahiro gihebuje kizahabwa abera b'Isumbabyose mu bwami butandujwe n'icyaha. Ku bwo kwizera, yabonye ikamba ritangirika Umwami w'ijuru azatamiriza ku ruhanga rw'abazanesha. Uko kwizera kwatumye atera umugongo ikamba ryo mu isi maze yifatanya n'aboroheje, abakene, ubwoko busuzuguritse bwari bwarahisemo kubaha Imana aho kuba imbata y'icyaha. {AA 162.4}

Mose yakomeje kuba ibwami kugeza ubwo agira imyaka mirongo ine. Ibitekerezo bye byahoraga byerekeje ku bwoko bwe, kandi yasuraga bene wabo mu buretwa bwabo, akabakomeza abemeza ko Imana izategura uburyo bwo kubacungura. Kenshi, yababazwaga no kubona abantu bacirwa urwa kibera kandi bakandamizwa, maze agambirira kuzabitura ibibi byabo. Umunsi umwe, yabonye Umunyamisiri akubita Umwisiraheli, arihuta yica uwo Munyamisiri. Uretse uwo Mwisiraheli gusa, nta wundi wari wabibonye, maze Mose aherako ahamba iyo ntumbi mu musenyi. Icyo gihe ni

bwo yerekanye ko yiteguye kurwanirira ubwoko bwe, kandi yari afite ibyiringiro byo kuzababona bongeye guhabwa umudendezo. “Mose yibwiraga ko bene wabo bamenyaho ko ari we Imana yatumye kubakirisha, ariko ntibabisobanukirwa.” Ibyakozwe n’Intumwa 7:25. Ntibari biteguye guhabwa umudendezo. Ku munsi wakurikiyeho Mose yabonye Abaheburayo babiri barwana, kandi bigaragara ko umwe ari we uri mu makosa. Mose acyaha uwo wakosheje, maze nawe aherako amusubiza ahakana, yemeza ko Mose atari afite uburenganzira bwo gutabara, kandi amushinja icyaha cy’ubugizi bwa nabi agira ati, “Ni nde waguhaye ubutware n’ubucamanza kuri twe? Urashaka kunyica, nk’uko wishe wa Munyamisiri?” {AA 163.1}

Iyo nkuru yageze ku Banyamisiri muri ako kanya, kandi harimo n’amakabyankuru, bidatinze agera no kuri Farawo. Umwami yabwiwe ko icyo gikorwa gifite ubusobanuro bukomeye; ko Mose yari afite umugambi wo kuyobora ubwoko bwe bakarwanya Abanyamisiri, bagahirika ubutegetsi, maze akicara ku ntebe ya cyami; noneho habakura umutekano mu gihugu igihe akiriho. Umwami aherako yemeza ko Mose akwiriye gupfa; ariko Mose amenye ibyago byenda kumubaho, ahunga yerekeza muri Arabiya. {AA 163.2}

Uwiteka aramuyobora, maze yakirwa mu rugo rwa Yetiro, umutambyi n’umutware w’i Midiyani, nawe wubahaga Imana. Hashize igihe, Mose arongora umwe mu bakobwa ba Yetiro; kandi ahaba imyaka mirongo ine aragira imikumbi ya sebukwe. {AA 163.3}

Mu kwica Umunyamisiri, Mose yaguye mu ikosa nk’iryo abasekuruza be baguyemo, ariryo ryo gukora ubwabo umurimo Imana yari yarasezeranye kuzikorera ubwayo. Ntabwo Imana yari ifite umugambi wo gucungura ubwoko bwayo hagombye kuba intambara, nkuko Mose yibwiye, ahubwo yajyaga gukoresha ubushobozi bwayo bukomeye cyane, kugira ngo abe ari yo yonyine ihabwa icyubahiro. Nanone kandi, icyo gikorwa gihutiyeho Imana yarakiganje kugira ngo isohoze imigambi yayo. Mose ntiyari yiteguye gukora uwo murimo we ukomeye. Yagombaga kwiga icyigisho cyo kwizera Aburahamu na Yakobo bari barigishijwe- aribyo kutiringira imbaraga z’umuntu cyangwa ubwenge bwe ahubwo kwiringira imbaraga y’Imana kugira ngo isohoze amasezerano yayo. Kandi aho hari ibindi byigisho yagombaga kwigira mu kuba ari wenyine mu misozi. Mu ishuri ryo kwiyanga n’umuruho yahigiye kwihangana, no kwifata mu byifuzo bye. Mbere yo kuyoborana ubushishozi, yagombaga gutozwa kumvira. Umutima we wagombaga kuba uhamanya n’Imana byimazeyo mbere yo kujya kwigisha Abisiraheli iby’Imana ishaka. Kubera ibyo yagiye anyuramo, yagombaga kuba yaratojwe kugira urukundo rwa kibyeyi yita ku bakeneye ubufasha bwe bose. {AA 163.4}

Umuntu yajyaga kubona ko icyo gihe kirekire yamaze ahirimbana kandi ari mu mwijima, byari uguta igihe. Nyamara Imana Nyirubuhanga butagereranywa yari

yahamagariye uzaba umuyobozi w’ubwoko bwayo kugira ngo amare imyaka mirongo ine akora umurimo usuzuguritse w’ubushumba. Kwimenyereza ku kwita ku babikeneye, kutihugiraho no kwita ku mukumbi byamuteguriye kuba umunyampuhwe, n’umwungeri wihanganira imibabaro y’Abisiraheli. Nta mahugurwa cyangwa umuco by’umuntu byashoboraga gutanga uburambe nk’ubwo kuburyo bwasimbura ibyo yigiye muri iryo shuri. {AA 164.1}

Mose yari yarize byinshi atagombaga kwiga. Ibyari bimuzengurutse mu Misiri aribyo — urukundo yakundaga nyina, umwanya w’icyubahiro yari afite nk’umwuzukuru w’umwami, umurengwe wari uri ibwami, ingeso mbi, kutirinda no gukurikira idini y’ibinyoma, gusenga ibigirwamana, inyubako z’ibitangaza n’imitako yari izitamirije - ibyo byose byari byaramugiyemo cyane ubwo yari akiri muto kandi ahanini, ingeso ze n’imico ye ni ho byakomotse. Igihe, kuba yari atakihaba no gushyikirana n’Imana ni byo byajyaga kubimukuramo. Byarii ngombwa ko Mose ubwe ahirimbana nk’ushaka gukiza ubugingo bwe akareka amafuti akemera kandi akemera ukuri, ariko Imana yajyaga kumufasha ubwo intambara y’imbaraga y’umwana w’umuntu yashoboraga kuba ikaze. {AA 164.2}

Abatoranyijwe bose kugira ngo bakore umurimo w’Imana, ibyo umuntu ntibiboneka muri bo. Nanone kandi, ntibaba ari abantu bafite akamenyero n’imico bidahinduka, ngo banezezwe no kwigumira batyo. Bahoraga bifuza kugira ubushishozi bakomora ku Mana no kwiga kuyikorera. Intumwa ivuga iti: “Ariko niba hariho umuntu muri mwe ubuze ubwenge, abusube Imana iha abantu bose itimana, itishama kandi azabuhabwa.” (Yakobo1:5). Ariko Imana ntizaha abantu umucyo wayo igihe bakishimiye kuguma mu mwijima. Kugira ngo umuntu abone ubufasha bw’Imana, agomba kumenya intege nke ze n’ubugoryi bwe; agomba kwerekeza ibitekerezo bye ku guhinduka gukomeye agiye kugira muri we; agomba gukangurirwa gusenga akomeje kandi ashyizeho umwete n’imbaraga.Ibyo yari yarimenyereje bibi ndetse n’imigenzo bigomba kurekwa; kandi kubwo kugambirira gusa gukosora ayo mafuti no kugendera ku mahame nyakuri, niho ashobora kubona intsinzi. Abenshi ntibigera bagera kuri urwo rwego bagombaga kuba barimo, kuko bategereza ko Imana ibaha imbaraga zo gukora ibyo bashoboraga gukora ubwabo. Abiteguye gukoreshwa bagomba gutozwa kugira intekerezo zihamye n’imyitwarire ishyitse, kandi Imana izababa hafi kugira ngo imbaraga zabo zifatanyirize hamwe n’iz’ijuru.

{AA 164.3}

Ubwo yari akingirijwe n’urugeregere rw’imisozi, Mose yari kumwe n’Imana wenyine. Ubwiza bw’ingoro zo mu Misiri ntibyari bigikurura intekerezo ze ngo zitwarwe n’ibyo bizeraga bidafite agaciro kandi by’ibinyoma.Yitegereje ubwiza n’uburebure by’iyo misozi ihoraho, abona icyubahiro cy’Isumbabyose, maze abigereranyije n’imana za

Misiri, asanga nta bushobozi ndetse n’ikuzo izo mana zifite. Ahantu hose hari handitse izina ry’Umuremyi.Mose yasaga n’uhagaze imbere y’Imana kandi abundikiwe n’ububasha bwayo. Kwirata no kwiyemera kwe byari byarangiriye aho. Muri ubwo buzima bworoheje bwo mu butayu, imibereho y’umudamararo no kwinezeza yararangiye. Mose yari umugabo wicisha bugufi kurusha abantu bose bo ku isi.(Kubara 12:3), ariko kandi yari afite kwizera gushikamye mu Mana ya Yakobo. {AA 164.4}

Uko imyaka yahitaga, kandi arinako azerera n’imikumbi ahantu ha wenyine, yibaza uburyo ubwoko bwe burimo gukandamizwa, yishingikiriza ku buryo Imana yagendanye na basekuruza n’amasezerano y’umurage yahawe ubwoko bwatoranyijwe, maze amasengesho yasabiraga Abisiraheli azamuka umunsi n’ijoro. Abamarayika bamugoteshaga umucyo mvajuru. Ayobowe n’Umwuka w’Imana, aho ni ho yandikiye igitabo cy’Itangiriro. Imyaka myinshi yamaze ari wenyine mu butayu yabaye iy’ imigisha, atari kuri Mose n’ubwoko bwe gusa, ahubwo no kubabayeho mu isi mu bihe byose byakurikiyeho. {AA 165.1}

“Hashize imyaka itari mike, umwami wa Misiri aratanga, ariko Abisiraheli bakomeza gukoreshwa agahato. Nuko bacura umuborogo batakambira Imana. Imana yumva ugutaka kwabo, izirikana Isezerano yagiranye na Aburahamu na Isaka na Yakobo. Ireba amagorwa y’Abisiraheli ibagirira impuhwe.” Igihe cyo gutabarwa kw’Abisiraheli cyari kigeze. Nyamara umugambi w’ Imana wagombaga gusohozwa muburyo kwirata kw’abantu kwajyaga gukozwa isoni. Umucunguzi yagombaga kuza nk’umushumba wiyoroheje, afite inkoni gusa mu ntoke ze; ariko Imana yajyaga guhindura iyo nkoni ikimenyetso cy’ububasha bwayo. Umunsi umwe ubwo Mase yari yahuye imikumbi ye bugufi bwa Horebu, “umusozi w’Imana,” Mose yabonye igihuru kigurumana, ariko kidakongoka. Yaracyegereye kugira ngo arebe icyo gitangaza, maze ijwi rituruka muri ibyo birimi by’umuriro rimuhamagara mu izina. Iminwa ye ihinda umushyitsi, aritaba ati, “Karame.” Abwirwa kutegera aho hantu aticishije bugufi: “Kuramo inkweto kuko aho uhagaze ahantu nitoranyirije. Ndi Imana ya so, Imana ya Aburahamu, Imana ya Isaka, n’Imana ya Yakobo.” Niwe wari warihishuriye ba sekuruza nka Marayika w’isezerano, mu bihe byari byarahise. “Maze Mose yipfuka mu maso, kuko yatinyaga kureba Imana.” {AA 165.2}

Kwicisha bugufi no kubaha niyo myitwarire igomba kuranga abaje imbere y’Imana bose. Mu izina rya Yesu, tubasha kuza imbere y’imana ntacyo twikanga, ariko ntitugomba kuyihinguka imbere twifashe uko twishakiye, twibwira ko ahari yaba iri ku rwego rumwe n’urwacu. Hari ababwira Imana ikomeye, ifite ububasha bwose n’ikuzo,kandi iba mu mucyo utegerwa, nk’aho baba babwira umuntu bangana, cyangwa se uwo baruta. Hari abitwara uko bishakiye mu nzu y’Imana, bakora ibyo batajyaga gutinyuka gukorera mu nzu y’umutegetsi w’isi. Abo bakwiriye kwibuka ko

bari imbere y’iyo abaserafi baramya, kandi n’abamarayika bakaba bipfuka mu maso ngo batayireba. Imana ikwiriye kubahwa bikomeye; abumva bari imbere yayo by’ukuri bazapfukama bicishe bugufi imbere yayo, kandi nkuko Yakobo yaroze abona Imana, abo nabo bazataka bati, “Ni ukuri koko aha hantu ni ahaziranenge! Nta handi koko ahubwo ni inzu y’Imana, kandi dore amarembo y’ijuru.” {AA 165.3}

Ubwo Mose yategerezaga yicishije bugufi imbere y’Imana, yakomeje kumva aya magambo ngo, “Nabonye uko ubwoko bwanjye bukoreshwa agahato mu Misiri, numva no gutakamba kwabwo. Akababaro kabwo ndakazi. None ndamanutse ngo nkure Abisiraheli mu maboko y’Abanyamisiri, mbavane mu Misiri mbajyane mu gihugu cyiza kandi cyagutse, gitemba amata n’ubuki...None ngutumye ku mwami wa Misiri, kugira ngo ukure ubwoko bwanjye mu gihugu cye.” {AA 166.1}

Atangaye kandi atewe ubwoba n’iryo tegeko, Mose asubira inyuma, avuga ati, “Ndi muntu ki wo guhangara umwami,ngo nkure Abisiraheli mu Misiri?” Igisubizo yahawe cyagiraga kiti, “Nzaba ndi kumwe nawe. Numara gukura ubwoko bwanjye mu Misiri, muzandamiriza kuri uyu musozi. Nibwo uzamenya ko ari jye wagutumye.” {AA 166.2}

Mose atekereza ingorane azahura na zo, ubuhumyi, ubujiji, no kutizera k’ubwoko bwe, abenshi ndetse ntibari bakimenya Imana. Mose abaza Imana ati, ” Ningenda nkabwira Abisiraheli ko Imana ya basekuruza yabantumyeho, bakambaza izina ryayo nzabasubiza iki?” Yahawe igisubizo ngo, NDI UWO NDI WE kandi uzabwire Abisiraheli uti: “Uwitwa NDIHO yabantumyeho.” {AA 166.3}

Mose yategetswe kubanza guteranya abakuru b’Abisiraheli, abari imbonera n’indahemuka bari muri bo, bari barashavuye igihe kirekire kubera uburetwa bwabo, kugira ngo ababwire ubutumwa buvuye ku Mana bwo kubatabara. Kandi yagombaga kujyana n’abo bakuru bakabwira umwami bati, “Uwiteka Imana y’Ababeburayo yaratubonekeye: none, turakwinginze, reka tujye mu butayu, tugendemo urugendo rw’iminsi itatu, dutambireyo Uwiteka Imana yacu ibitambo.” {AA 166.4}

Mose yari yabwiwe mbere ko umwami azanga kwemera ibyo bamusaba ngo areke Abisiraheli bagende. Ariko kandi ubutwari bw’umugaragu w’Imana ntibwagombaga gucogora; kuko aho ariho Uwiteka yajyaga kwerekanira ububasha bwe imbere y’ubwoko bwe n’imbere y’Abanyamisiri. “Nzakoresha rero ububasha, nteze Abanyamisiri ibyago bitangaje. Nibwo umwami azabareka mukagenda.” {AA 166.5}

Bahawe n’amabwiriza yerekeye ibyo bazitwaza bari mu rugendo. Uwiteka arababwira ati, “Nzatuma Abanyamisiri babareba neza, be kuzabasezerera amara masa. Abisirahelikazi bose bazasange Abanyamisirikazi baturanye n’abo bacumbikiye, babasabe imyambaro n’ibintu bikozwe mu ifeza no mu izahabu.” Abanyamisiri bari barakungahajwe n’imirimo y’agahato bakoreshaga Abisiraheli, kandi rero ubwo

Abisiraheli bari batangiye urugendo berekeza aho bari bagiye gutura hashya, byari ngombwa kwaka ibihembo by'imyaka yose bakoze. Bagombaga kwaka ibintu by'agaciro, nk'ibyo bashobora gutwara biboroheye, kandi Imana yajyaga gutuma barebwa neza n'Abanyamisiri. Ibitangaza bikomeye byakoreshejwe ngo bakurwe mu buretwa byajyaga gutera ubwoba ababakandamizaga, maze noneho ibyo babasabwe bakabitanga.

{AA 166.6}

Mose yabonaga imbere ye hari ingorane zikomeye atazashobora kwihanganira. Ni ikihe gihamya yajyaga guha bene wabo cy'uko Imana yamutumye koko? Mose abaza Uhoraho ati: "None se nibatanyemera ntibite ku byo mvuga ngo ntiwambonekeye?" Yahawe igihamya hakurikijwe ibyo yatekerezaga. Yabwiwe kujugunya inkoni ye hasi. Abikoze, "ihinduka inzoka; Mose ayibonye ariruka." Yategetswe kongera kuyifata, maze ayifashe iba inkoni. Yabwiwe gushyira ikiganza cye mu gituza cye. Arumvira, maze "agikuyemo kiza cyuzuyeho ibibembe, cyeruruka nk'urubura." Ubwo yabwirwaga kugisubiza mu gituza cye, akongera akagikuramo yasanze cyakize. Ku bw' ibyo bimenyetso, ari bene wabo ndetse na Farawo, bagombaga kwemera ko Ifite ububasha gusumbya umwami wa Misiri yari yabiyeretse.

{AA 166.7}

Ariko uwo mugaragu w'Imana yari agisabagijwe no gutekereza ibintu bidasanzwe n'ibitangaza yari abonye bikorwa. Kubwo kwiheba no kugira ubwoba, noneho atanga urwitazo rw'uko atazi kuvuga neza agira ati, "Nyagasani, sinzi kuvuga neza nta n'ubwo nabyigeze, ndetse n'ubu tuvugana nta kirahinduka. Sintebuka mu magambo kandi mvuga ntegwa." Yari amaze igihe kirekire atandukanye n'Abanyamisiri ku buryo yari atacyibuka ururimi rwabo neza nk'igihe yabanaga na bo. {AA 167.1}

Uwiteka abaza Mose ati, "Ni ko ye, ni nde waremye umunwa w'umuntu? Ni nde utuma umuntu aba ikiragi cyangwa igipfamatwi? Ninde utuma umuntu areba cyangwa aba impumyi? Sijyewe Uhoraho? Kubw'ibyo yongerewe ibyiringiro by'uko ijuru rizamufasha muri aya magambo: "Ngaho rero genda, nzakubwira ibyo uzavuga ngushoboze no kubivuga." Nyamara Mose yari akinginga asaba ko hatoranywa undi muntu ubishoboye kumurusha. Izo nzitwazo zabanje gutanganwa kwiyoroshya no kugaragaza ko atiyizeye; ariko Uwiteka amaze kumusezeranya ko inzitizi zose azazikuraho, kandi akamufasha kugera ku nsinzi iheruka, noneho rero ibindi byose yajyaga kwerekana ko adashoboye uwo murimo byerekanaga ko atiringiye Imana. Byasobanuraga ko yatinyaga ko Imana itari ishoboye kumuha ubwo bubasha bwo gukora umurimo ukomeye yari yamuhamagariye cyangwa ko yari yibeshye imutoranya. {AA 167.2}

Mose yoherejwe kuri mukuru we Aroni, kuko yahoraga avuga ururimi rw’Abanyamisiri iminsi yose, kandi yashoboraga kuruvuga neza cyane. Yabwiwe ko Aroni aje kumusanganira. Amagambo yakurikiyeho Uwiteka yamubwiye ntiyari itegeko ryo kumushoboza: “Uzajya umubwira ibyo avuga, nanjye nzabashoboza mwembi kuvuga icyo nshaka, kandi mbigishe ibyo muzakora. Azakubera umuvugizi abe nk’umunwa, umubwire ibyo avuga. Kandi uzitwaze iyo nkoni kugirango uzayikoreshe ibimenyetso.” Ntiyari agishobora kongera kuruhanya, kuko impamvu iyo ariyo yose yari ivuyeho. {AA 167.3}

Itegeko Mose yari ahawe n’ijuru ryasanze atiyizera, atari intyoza mu magambo, kandi adashabutse. Yari ashishikajwe no gutekereza uburyo adafite ubushobozi bwo kujya kubwira Abisiraheli ibyo Imana yamubatumyeho. Ariko amaze kwemera uwo murimo, atangira kuwukora n’umutima we wose, ibyiringiro bye byose yabishize ku Uwiteka. Ugukomera k’umurimo yari ahamagariwe kwasabaga gukoresha intekerezo ze zose. Imana yahaye umugisha uko kumvira kwe kutajuyaje, maze ahindukaa intyoza, agira ibyiringiro, arakomera, kandi aba umuntu ushyitse wo gukora umurimo ukomeye cyane kuruta indi yose yigeze guhabwa umuntu. Uru ni urugero rw’icyo Imana itunganya imico y’abayiringira rwose kandi bakayiyegurira bamaramaje ngo bakore ibyo ibategeka. {AA 167.4}

Umuntu azahabwa imbaraga no gukora neza iyo yemeye inshingano Imana imuha, kandi azashaka n’umutima we wose uburyo azasohoza izo nshingano mu kuri. Uko urwego ariho mu murimo rwaba ruciye bugufi kose cyangwa uko ubushobozi bwe bwaba buke kose, uwo muntu azagera gukomera nyakuri, niyiringira imbaraga mvajuru ashaka gukora umurimo we mu budahemuka. Iyo Mose aza kwishingikiriza ku mbaraga ze n’ubuhanga bwe, maze akemera iyo nshingano atajuyaje, yajyaga kugaragaza ko uwo murimo atari uwe. Kuba umuntu yiyumvamo intege nke, ni ikimenyetso cy’uko azi uko umurimo yahawe ungana; kandi azagira Imana umujyanama we n’imbaraga ze.

{AA 168.1}

Mose yasubiye kwa sebukwe maze amubwira ko afite icyifuzo cyo kujya gusura bene wabo mu Misiri. Yetiro yarabyemeye, amusabira umugisha agira ati, “Genda amahoro!” Mose ashyira umugore n’abana ku ndogobe agenda yerekeza mu Misiri. Ntiyatinyutse kuvuga impamvu yari imuteye kujya mu Misiri, kugira ngo hatagira abemererwa kumuherekeza. Mbere yo kugera mu Misiri, yatekereje ko byaba byiza ko abo bari kumwe basubira i Midiyani kubera umutekano wabo. {AA 168.2}

Gutinya gukomeye yari afite mu mutima we kubera Farawo n’Abanyamisiri bari baramurakariye mu myaka mirongo ine yari ishize, nibyo byatumaga Mose agerageza kwanga gusubira mu Misiri; ariko amaze gufata urugendo kugira ngo yumvire itegeko

ry’Imana, Uwiteka yamuhishuriye ko abashakaga kumwica bapfuye. {AA 168.3}

Avuye i Midiyani, Mose yahawe umuburo uteye ubwoba werekana ko Uwiteka atishimye. Marayika yamubonekeye mu buryo buteye ubwoba, asa nk’aho ashaka kumurimbura ako kanya. Nta busobanuro bwatanzwe; ariko Mose yibuka ko hari ikintu kimwe yari yirengagije gukora mu byo Imana yamusabaga. Abitewe no gushaka kunezeza umugore we, yasuzuguye umuhango wo gukeba umwana wabo muto w’umuhungu. Ntiyari yagendeye ku mategeko yajyaga gutuma umwana we abona imigisha ituruka ku isezerano Imana yari yaragiriye Abisiraheli; kandi kwirengagiza nk’uko kw’umuyobozi w’Abisiraheli watoranyijwe, kwajyaga gutuma ubwoko bw’Imana buha agaciro gake amabwiriza yayo. Zipora agize ubwoba ko umugabo we yakwicwa, uwo muhango aba ari we ubwe uwukora, maze marayika areka Mose akomeza urugendo rwe. Mose yagombaga kujya mu kaga gakomeye kubera ubutumwa yasabwaga gushyira umwami; ubugingo bwe bwashoboraga kurindwa gusa n’abamarayika bera. Ariko ubwo atitaye ku nshingano izwi, ntiyajyaga kugira umutekano; kuko atajyaga kurindwa n’abamarayika b’Imana. {AA 168.4}

Mu gihe cy’akaga mbere yo kugaruka kwa Kristo, abakiranutsi bazarindwa n’abamarayika b’Imana, ariko nta burinzi buzaba k’uwica amategeko y’Imana. Abamarayika ntibashobora kurinda abirengagiza itegeko na rimwe ry’Imana. {AA 168.5}

IGICE CYA 23 - IBYAGO MU MISIRI

Aroni abwirijwe n’abamarayika, ajya gusanganirira mwene se bari bamaze igihe kirekire batandukanyijwe; maze bahurira mu butayu hafi y’i Horebu. Aho ni ho bagiraniye urugwiro, maze Mose abwira Aroni “amagambo yose Uhoraho yari yamutumye, n’ibyerekeye ibitangaza byose yari yaramutegetse gukora.” Kuva 4:28. Mose na Aroni bafatanya urugendo berekeza mu Misiri; maze bageze i Gosheni, batangira kwegeranya abakuru b’Abisiraheli. Aroni abasubiriramo ibyo Imana yari yabwiye Mose byose, maze Mose nawe abereka ibimenyetso Uwiteka yari yahawe. Abisiraheli baremera, maze bumvise ko Uhoraho azi amagorwa yabo akaba agiye kubarokora, barapfukama baramuramya.” Kuva 4:31. {AA 169.1}

Mose kandi yari yahawe ubutumwa agomba kubwira umwami. Abo bavandimwe binjiye mu ngoro y’umwami nk’abajyanye ubutumwa bw’Umwami w’abami, maze bavuga mu izina ry’Uwabatumye muri aya magambo: “Uhoraho Imana y’Abisiraheli aravuga ati, ‘Reka ubwoko bwanjye bugende, bujye kunkorera iminsi mikuru mu

butayu.” Umwami arabaza ati, ” Yehova ni nde kugira ngo mbe namwumvira ndeke Abisiraheli bagende? Sinzi Yehova, kandi Abisiraheli sinzabareka ngo bagende.” {AA 169.2}

Mose na Aroni barongera bati, ” Uhoraho ni Imana yacu twebwe Abaheburayo kandi yaratubonekeye; none tureka tujye mu butayu, ahantu h’urugendo rw’iminsi itatu, tumutambire ibitambo. Naho ubundi yaturimbuza icyorezo cyangwa inkota.” {AA 169.3}

Izo nkuru ndetse n’ibyo bashishikariye kubwira abantu bigera ku mwami. Uburakari bw’umwami burabakongerezwa. Arababwira ati, “Mose na Aroni, ni iki gitumye murekesha abo bantu imirimo yabo?” “Nimusubire ku mirimo yanyu!” Igihugu cyari cyamaze guhomba kubera abo banyamahanga bari bagiye. Abitekereje arongera ati: “Dore abantu bo mu gihugu baragwiriye, none mubaruhuye uburetwa bwabo.” {AA 169.4}

Muri ubwo buretwa bwabo, Abisiraheli bari baribagiwe amategeko y’Imana, kandi batakiyagenderamo. Isabato muri rusange ntiyari icyubahirizwa, ibyo ababakoreshaga mu buretwa babategekaga gukora byatumaga kuyubahiriza bidashoboka. Ariko Mose yeretse ubwoko bwe ko kubaha Imana aribwo bwari uburyo bw’ikubitiro bwo kugira ngo barokorwe; kandi ababakandamizaga babonye imbaraga zirimo gukoreshwa kugira ngo bongere kubahiriza Isabato. {AA 169.5}

Ibyo byabujije umwami amahoro cyane, akeka ko Abisiraheli bafite umugambi wo kumugomera ngo badakora imirimo ye. Yagombaga gukora uko ashoboye kose kugira ngo badasigarana igihe na gito cyo gutegura imigambi mibi. Nibwo yahereyeko atanga itegeko ryo gukaza ingoyi y’uburetwa bwabo maze agacubya umwuka bari bafite wo gushaka kwitegeka. Kuri uwo munsi hatanzwe amategeko yo gutuma imirimo bakoraga irushaho kuba mibi kandi bakandamizwa biruseho. Ibikoresho byo kubaka byakoreshwaga ahantu henshi muri icyo gihugu byari amatafari ya rukarakara; inkuta z’amazu menshi akomeye zari zubakishijwe ayo matafari, maze bagatambagizaho amabuye; kandi kubumba amatafari byasabaga gukoresha umubare munini cyane w’abacakara. Bavangaga ibumba n’ibyatsi kugira ngo bikomere, kandi habaga hakenewe ibyatsi byinshi. Ubwo noneho umwami ategeka ko batongera kuzanirwa ibyatsi; ko ahubwo abakozi bagomba kubyishakira ubwabo, kandi bakabumba umubare w’amatafari basanzwe babumba. {AA 169.6}

Iryo tegeko ryahagaritse imitima Abisiraheli bose bari mu gihugu. Abakoresha b’Abanyamisiri bashyizeho abakuru b’Abaheburayo kugenzura uwo murimo. Ubwo babwirwaga gukora iby’umwami yavuze, abantu bakwiriye mu gihugu cyose bashaka ibitsinsi by’inganagano mu cyimbo cy’ibyatsi; ariko ntibashobora kugera ku mubare w’amatafari bari basanzwe babumba ku munsi. Ku bwo kutawugeraho, Abaheburayo bari bahagarikiye imirimo barakubiswe bikabije. {AA 170.1}

Abo bakuru b’Abisiraheli bibwiye ko uko gukandamizwa kudaturutse ku mwami ahubwo kuvuye ku batware b’Abanyamisiri; maze bajya gutakambira umwami. Umwami abasubiza abacunaguza ati, “Muri abanebwe bikabije! Niyo mpamvu mushaka kujya gutambira Uhoraho ibitambo.” Bategetswe gusubira ku mirimo yabo; kandi uburetwa bwabo ntibworoshywe na gato. Bagarutse bavuye ibwami, basanze Mose na Aroni babategereje, maze barabatakira bati, “Uhoraho abarebe, abacire urubanza. Mubonye ngo muratuma umwami n’abatware be batwanga urunuka, kandi mukabaha urwitwazo rwo kutwica!” {AA 170.2}

Mose yumvise ayo magambo bamubwiye arababara cyane. Imibabaro y’abantu yari yiyongereye. Mu gihugu cyose humvikana imiborogo y’abakuru n’abana kubwo kwiheba. Bose bahurizaga hamwe kumushinja iyo mpinduka mbi cyane y’imibereho yabo. Kubwo gushenguka umutima, Mose ajya gutakambira Uhoraho agira ati, “Nyagasani, kuki wagiriye nabi ubu bwoko? Ni iki cyatumye untuma? Kuva nabwira umwami wa Misiri ibyo wantumye, yagiriye nabi ubwoko bwawe, nyamara ntabwo wigeze uburengera!” Uhoraho aramusubiza ati, “Ugiye kwirebera icyo nzakorera uwo mwami wa Misiri. Nzamuhata areke Abisiraheli bagende, ndetse muhate abirukane bamuvire mu gihugu!” Yongeye kwibutswa isezerano Imana yagiranye na basekuruza, maze yumva agize ibyiringiro ry’uko rizasohora. {AA 170.3}

Mu myaka yose Abisiraheli babaye mu bucakara bwo mu Misiri, hari bamwe bari barakomeje gusenga Imana. Abo bakurwaga umutima no kubona abana babo biroha mu bizira by’abapagani buri munsi, ndetse bagapfumira imana z’impimbano. Muri ako kababaro, batakiye Uhoraho kugira ngo abakure kuri iyo ngoyi y’Abanyamisiri, kugira ngo batandukane burundu n’ibyo bigirwamana byashoboraga kubangiza. Ntibigeze bahisha kwizera kwabo, ariko bahamiriza Abanyamisiri ko uwo basenga ari Umuremyi w’ijuru n’isi, ariwe Mana y’ukuri kandi nzima. Basubiraga mu bihamya by’uko Umuremyi ariho kandi afite ububasha, uhereye mu irema ukageza mu gihe cya Yakobo. Abanyamisiri bagize amahirwe yo kumenya idini y’Abaheburayo; ariko banga ko abacakara babo babigisha, maze bagerageza kwireherezaho abasengaga Imana {AA 170.4}

babashukisha ibihembo, noneho babonye bibananiye, babatera ubwoba kandi babagirira nabi. {AA 171.1}

Abakuru b’Abisiraheli bihatiye gukomeza ukwizera kwa bene wabo kwarimo gukendera, bongera kubibutsa amasezerano yasezeranyijwe ba sekuruza n’amagambo yahanuwe na Yozefu mbere yo gupfa kwe, abahanurira ko bazarokorwa bakavanwa mu Misiri. Bamwe bajyaga gutega amatwi maze bakizera. Abandi bakanga kwiringira bitewe n’ibyo babonaga bibazengurutse. Abanyamisiri bamenye ibyo abacakara babo babwiwe, bahinyura ibyo Abisiraheli biringiye maze bahakana

imbaraga y’Imana yabo n’agasuzuguro kenshi. Bababwiraga ko ari abacakara kandi bakabacunaguza bavuga bati: “Niba Imana yanyu ari intabera n’inyambabazi, kandi ikaba ifite ubushobozi buruta ibw’imana z’Abanyamisiri, ni kuki itabakura mu buretwa?” Ibyo babivugaga bahereye ku mibereho bari bafite. Baramyaga utumana Abisiraheli bavugaga ko ari imana z’ibinyoma, ariko kandi bari igihugu gikize kandi gikomeye. Bavugaga ko imana zabo zabahaye imigisha y’uburumbuke kandi ko zabahaye Abisiraheli ngo babakorere bababere abacakara, maze bakirata ko bafite ubushobozi bwo gukandamiza no kwica abasenga Imana Ishobora byose. Umwami ubwe nawe yiratagaga ko Imana y’Ababeburayo idashobora kubavuvunura mumaboko ye. {AA 171.2}

Bene ayo magambo niyo yacaga intege Abisiraheli benshi. Ibyo byababagaho kenshi igihe cyose Abanyamisiri babigaragazaga. Ni ibyo ukuri koko bari abacakara, kandi bagombaga kwihanganira ubugome bwose abakoresha babo babaga bahisemo kubagirira. Abana babo barahigwaga maze bakicwa, kandi ubugingo bwabo bwari bubabereye umutwaro. Ariko kandi baramyaga Imana yo mu ijuru. Niba koko Imana yo mu ijuru yararutaga izindi mana zose, ntiyari kubareka ngo bahere ku ngoyi y’abasenga ibigirwamana. Ariko abakiranukiraga Imana bo bari basobanukiwe n’uko impamvu yatewe n’uko Abisiraheli bari barimuye Imana, bagashyingiranwa n’abapagani, bigatuma basenga ibigirwamana — maze Imana ikemera ko bajyanwa mu bucakara; kandi bijeje bene wabo nta gushidikanya ko bidatinze Imana izaca ingoyi y’ubakandamiza. {AA 171.3}

Ababeburayo bari biteze ko bazabona umudendezo hatabayeho kugeragezwa na kumwe ko kwizera kwabo cyangwa kubabazwa cyangwa amakuba. Ariko rero bari bataritegura kubohorwa ingoyi. Kwizera Imana kwabo kwari guke, kandi ntibari biteguye kunyura mu mibabaro kugeza ubwo Imana ibona ko ikwiye gukorana na bo. Benshi bari banyuzwe no kwigumira mu buretwa aho guhura n’ingorane zatumaga bitegura kuva mu Misiri bajya mu gihugu batari bazi; kandi imico ya bamwe yari yarabaye nk’iy’Abanyamisiri cyane ku buryo bahitagamo kwigumira mu Misiri. Nicyo cyatumye Uwiteka adahita abakurayo akimara kwerekana ubushobozi bwe imbere ya Farawo. Yacubije ibyarimo kubaho kugira ngo yerekane umwuka w’ubugome bw’umwami wa Misiri kandi anihishurire ubwoko bwe. Kubona ubutabera bwayo, imbaraga zayo n’urukundo rwayo byari gutuma bahitamo kuva mu Misiri maze bakiyegurira gukora umurimo wayo. Inshingano Mose yari koroha cyane iyo hatabaho benshi mu Bisirayeli bafashe imico mibi batifuzaga kuva mu Misiri. {AA 171.4}

Imana yohereje Mose ngo yongere asubire ku bwoko bwe maze abusubiriremo isezerano ry’imbabazi n’ibyiringiro bagiriwe n’ijuru ryo kubacungura. Yagiye nk’uko abitegetswe; ariko ntibari kumwumva. Ibyanditswe bivuga ngo “Babuzwa kumwumvira n’umubabaro wo mu mitima yabo utewe n’uburetwa bw’ agahato.” Na none ubutumwa

buvuye ku Mana buza kuri Mose,bumubwira buti, “Genda ubwire umwami wa Misiri, areke Abisiraheli bave mu gihugu cye.” Mose afite kwiheba yashubije Uhoraho ati: “Dore n’Abisiraheli banze kunyumvira, none umwami wa Misiri yanyumvira ate kandi ntazi kuvuga neza?” Yabwiwe kujyana na Aroni bakareba umwmai wa Misiri maze bakongera kumusaba “ngo areke abana b’Isiraheli bave mu gihugu cye” {AA 171.5}

Yamenyeshejwe ko umwami azinangira kugeza ubwo Imana izamanukira Misiri ikayihana kandi igakurayo Abisiraheli ikoresheje ikimenyetso cyerekana ububasha bwayo. Mbere y’uko icyago cyose gitera, Mose yagombaga gusobanura uko kimeze n’ingaruka zacyo, kugira ngo umwami ashobore kugikira aramutse abihisemo. Igihano cyose kitumviwe cyagombaga gukurikirwa n’ikindi kikirusha ubukana, kugeza ubwo umutima we w’ubwirasi ucishwa bugufi, akamenya ko Umuremyi w’ijuru n’isi ariwe Mana y’ukuri kandi nzima. Uwiteka yagombaga guha amahirwe Abanyamisiri kugira ngo barebe ububi bw’abahanga babo, ko imana zabo nta bushobozi zifite, igihe bahinyuye amategeko y’Ishoborabyose. Imana yari guhana Abanyamisiri kubera gusenga ibigirwamana kandi agacecekesha amagambo yo kwiyemera kwabo yavugaga ko bahawe imigisha n’imana zitavuga kandi ntizumve. Imana yagombaga guhesha ikuzo izina ryayo, kugira ngo andi mahanga niyumva imbaraga ze ahindishwe umushyitsi n’ibikorwa bye bikomeye, kandi kugira ngo ubwoko bwe butere umugongo ibigirwamana maze baramye Imana bamaramaje. {AA 172.1}

Nanone Mose na Aroni barongera binjira mu ngoro y’umwami wa Misiri. Aho hari hakikijwe n’inkingi ndende n’ibyo umurimbo birabagirana, n’amashusho y’agaciro n’ibishushanyo bibajwe by’imana z’abapagani, imbere y’umwami ukomeye ni ho hari hahagaze izo ntumwa ebyiri zihagarariye ubwo bwoko bwari abacakara, baje kongera kumubwira itegeko rivuye ku Imana ngo arekure Abisiraheli. Umwami yabasabye gukora igitangaza kugira ngo berekane ko batumwe n’Imana. Mose na Aroni bari babwiwe uko bagomba kubigenza igihe basabwe icyo kimenyetso, maze noneho Aroni afata ya nkoni, ayijugunya hasi imbere ya Farawo. Ihinduka inzoka. Umwami ahamagaza “abahanga n’abarozi be,” umuntu wese muri bo ajugunya inkoni ye hasi, ziba inzoka; maze inkoni ya Aroni imira izabo.” Noneho Umwami agambirira kurusha mbere ahamya ko abarozi be bafite ububasha bungana n’ubwa Mose na Aroni; atuka abagaragu b’Uwiteka avuga ko ari ababeshyi biyita ibyo batari byo, maze yumva akomeje kunangira kubyo bamusaba. Nyamara igihe yahinyuraga ubutumwa bwabo, imbaraga y’Imana yamubujije kubagirira nabi. {AA 172.2}

Ntabwo ari ukuboko k’undi muntu cyangwa ubundi bushobozi Mose na Aroni bari bafite bwatumye bakora ibitangaza imbere ya Farawo, ahubwo ni ukuboko kw’Imana. Ibyo bimenyetso n’ibitangaza byakorewe kugira ngo byemeze Farawo ko NDIHO ukomeye yatumye Mose, kandi ko ari inshingano y’umwami kureka Abisiraheli bakagenda, kugira ngo bajye gukorera Imana nzima. Abapfumu n’abarozi na bo

berekanye ibimenyetso n’ibitangaza, atari ibyo bakomoye kubuhanga bwabo gusa, ahubwo babiheshejwe n’ubushobozi bw’imana yabo ariyo Satani wabafashaga kugira ngo bahindanye umurimo w’Ishoborabyose. {AA 172.3}

Abarozi ntibigeze bahindura inkoni zabo inzoka; ahubwo hakoreshejwe uburozi, kandi bafashijwe n’umushukanyi ukomeye, bashoboye gukora ibyo. Mu mbaraga za Satani zirenze urugero, inkoni zahindutse inzoka nzima. Umutware w’ibibi, nubwo afite ubwenge n’imbaraga byose by’umumarayika wacumuye, ntafite ububasha bwo kurema cyangwa gutanga ubugingo; ni uburenganzira bw’umwihariko bufitwe n’Imana yonyine. Ariko icyo Satani afitiye ubushobozi cyose aragikora; mu buryo bwo kwigana. Mu maso y’abantu, inkoni zahindutse inzoka. Farawo n’ibyegera bye bizeye ko ari zo koko. Nta tandukaniro ryari hagati y’izo Mose yari akoze. Nubwo Uwiteka yatumye inzoka nyayo imira izo zitari iz’ukuri, Farawo ntiyabibonye nk’aho ari imbaraga y’Imana, ahubwo yabonye ko biturutse ku buryo bumwe bw’ubushitsi bukomeye burenze ubw’abakozi be. {AA 173.1}

Farawo yifuzaga gushaka impamvu yatuma yinangira ku itegeko ry’Imana, maze noneho ashaka urwitwazo rwo kwirengagiza ibitangaza Imana yakoreshaga Mose. Satani yamuhaye ibyo yifuzaga. Binyuze mu bitangaza yakoresheje abarozi be, yatumye bigaragara nk’aho Mose na Aroni ari abarozi n’abapfumu gusa, kandi ko ubutumwa bazanye budakwiriye kubahwa nk’ubuvuye mu ijuru. Bityo rero, icyiganano cya Satani cyatinyuye Abanyamisiri bituma bigomeka kandi na Farawo anangira umutima we ntiyemera. Satani yiringiraga kandi ko azahungabanya kwizera kwa Mose na Aroni, bagashidikanya ku nkomoko y’umurimo bari bahawe, kugira ngo ibikoresho bye bisagambe. Ntiyashakaga ko abana b’Isiraheli babaturwa ku ngoyi ngo bakorere Imana nzima. {AA 173.2}

Nyamara umutware w’ibibi yari agifite umugambi wimbitse wo gukora ibitangaza abinyujije mu barozi. Yari azi neza ko guca ingoyi y’uburetwa ku bana b’Isiraheli bishushanya Kristo wagombaga kumenagura ingoma y’icyaha yigaruriye ikiremwamuntu.Yari azi ko igihe Kristo azatunguka, hazabaho ibitangaza bikomeye ngo bibere abo mu isi ubuhamya bw’uko Imana yamutumye. Satani yahindishijwe umushyitsi n’ububasha bwa Kristo. Ku bwo kwigana igikorwa cy’Imana yakoresheje Mose, Satani ntiyiringiraga kuzakoma imbere gucungurwa kw’Abisiraheli gusa, ahubwo no mu bihe bizaza azatuma abantu batizera ibitangaza bya Kristo. Satani akomeje gushaka kwigana umurimo wa Kristo no gushyiraho ububasha bwe n’ingoma ye. Atuma abantu bishingikiriza ku bitangaza bya Kristo kugira ngo bigaragare nk’aho ari ibivuye ku bushobozi bw’abantu. Asenya ukwizera Krsito nk’Umwana w’Imana mu ntekerezo za benshi, maze akabatera kwanga igitambo cy’ubuntu n’imbabazi cyanyujijwe mu mugambi wo gucungurwa. {AA 173.3}

Mose na Aroni babwiwe kujya ku nkengero z'uruzi bukeye bwaho, aho umwami yakundaga kuruhukira. Kuko amazi menshi yasenderaga y'uruzi rwa Nili ari yo yari isoko y'ibyo kurya n'ubukungu bwa Misiri yose, urwo ruzi baruramyaga nk'imana, kandi umwami yahajyaga buri munsi kugira ngo ahasengerera. Ahi niho abo bavandimwe babiri bongeye kumubwirira ubutumwa bamuzaniye, hanyuma babangura inkoni bayikubita mu mazi. Amazi y'uwo mugezi wari harahinduwe ikigirwamana ahinduka amaraso, amafi arapfa, maze uruzi runuka nabi. Amazi yari mu mazu, n'ayari mu bigega na yo yahindutse amaraso. Ariko "abanyabugenge bo mu Misiri babigenza batyo babikoresheje ubugenge bwabo," kandi "umwami akomeza kwinangira umutima, aritahira nk'aho ari nta cyabaye." Icyo cyago kimara iminsi irindwi ariko ntibyagira icyo bimara. {AA 173.4}

Na none abangura inkoni ayitunga mu mazi, maze ibikeri bizamuka biva mu ruzi, bikwira mu gihugu cyose. Bizajagata mu mazu, bigere no mu byumba byo kuraramo, ndetse no mu maziko no mu nkono. Igikeri cyagaragaraga nk'icyera mu Banyamisiri, kandi ntibagombaga kucyicaga; ariko icyo cyorezo cy'ibintu binyerera nticyashoboraga kwihanganirwa. Ibyo bikeri byateye no mu ngoro ya cyami, kandi umwami yari atakihanganira ko byakomeza. Abanyabugenge bakoresheje ubugenge bwabo babaye nk'abakora ibikeri ariko ntibyashobora kuvanaho bya bindi. Umwami abonye ibyo aba nk'ucishijwe bugufi. Atumira Mose na Aroni arababwira ati: "Nimunsabire Uwiteka, ankize ibi bikeri abikure no mu bantu banjye nanjye ndareka ubwoko bwe, bugende butambire Uwiteka ibitambo." Bamaze kumwibutsa ubwirasi bwe, bamusabye kubabwira igihe bakwiriye gusaba ngo icyo cyago gikurweho. Yavuze umunsi ukurikiyeho, ariko mu mutima we yifuzaga ko mu gihe bazaba bakize ibyo bikeri muri bo, azaba akize ikimwaro gikomeye cyo kumvira Imana y'Abisiraheli. Nubwo bimeze bityo, icyo cyago cyarakomeje kugeza igihe ibikeri byose bipfiriye muri Misiri yose, ariko intumbi zabyo zaboze zikiri aho zituma ahantu hose hanuka, zangiza umwuka wo mu kirere.

{AA 174.1}

Uwiteka yashoboraga gutuma bisubira mu mukungugu mu kanya gato; ariko ntiyabikora, kugira ngo umwami n'abantu be batavuga ko byakuweho n'uburozi cyangwa imbaraga z'abanyabugenge. Ibikeri byarapfuye, maze babirunda ibirundo n'ibirundo, igihugu cyose gihinduka umunuko. Aha niho umwami n'Abanyamisiri bose baboneye akabarore ko imitekerereze yabo ipfuye itagomba kugira ijambo, ko ibibaye atari igikorwa cy'ubugenge ahubwo ko ari igihano kivuye ku Mana yo mu ijuru. {AA 174.2}

"Maze Farawo abonye ko habonetse agahenge, arinangira ntiyita kuri Mose na Aroni." Imana itegeka Aroni kubangura inkoni ye akayikubita hasi, maze umukungugu wo mu

gihugu cyose cya Misiri uhinduka inda. Farawo ahamagara abanyabugenge be ngo bakore nk’ibyo, ariko birabananira. Umurimo w’Imana wagaragaye ko usumba kure cyane uwa Satani. Abanyabugenge na bo ubwabo baremera bati: “Ibi byo byakozwe n’Imana.” Ariko umwami akomeza kutabyitaho. {AA 174.3}

Kuburira no gukebura nta mumaro byagize, maze hatangwa ikindi gihano. Igihe icyo gihano cyagombaga kubagereraho bari barakimenyeshejwe mbere ko bitazapfa kubaho gusa. Ibibugu bijya mu mazu hose, ku buryo “igihugu cya Misiri cyose cyononwa n’ayo marumbo y’ibibugu.” Ibyo bibugu byari birinni kandi bifite ubumara, kandi kuryana kwabyo kwarababazaga cyane ari ku bantu no ku nyamaswa. Nk’uko byari byavuzwe, ibyo ntibyageze mu gihugu cy’i Gosheni. {AA 174.4}

Noneho Farawo yemerera Abisiraheli gutambira Imana ibitambo ariko bakabikorera mu Misiri, nyamara barabyanga. Mose aramusubiza ati, “Ntidushobora kugenza dutyo; kuko amatungo dutambirira Uhoraho Imana yacu Abanyamisiri bayaziririza. Babonye tuyatamba batwicisha amabuye.” Inyamaswa Abaheburayo bagombaga gutamba zari zimwe mu zo Abanyamisiri bavugaga ko ari izera; kandi ibyo ibiremwa byarubahwaga kuburyo kwica imwe n’ubwo byabaga ari ibigwiririye umuntu, cyari icyaha cyahanishwaga urupfu. Ntibyajyaga gushoboka ko Abisiraheli baramiriza Imana mu Misiri ngo babure gukomeretsa ababategekaga. Mose yongera gusaba ko babareka bakagenda urugendo rw’iminsi itatu mu butayu, aho bazajya gutambira ibitambo. Umwami aremera kandi yinginga abagaragu b’Imana ko bamusabira ko icyo cyago cyavanwaho. Bamusezeranira kubikora ariko bamwihanganiriza kutongera kubabeshya. Icyo cyago kirahagarikwa, ariko umutima w’umwami wari wanangiwe no gukomeza kwigomeka, maze akomeza kwanga kubarekura. {AA 174.5}

Ikindi cyorezo giteye ubwoba cyakurikiyeho - amatungo yose yo mu Misiri arwara muryamo. Inyamaswa bavugaga ko ari izera n’izakoreshwaga imirimo - inka n’ibimasa n’intama, amafarasi, n’ingamiya n’indogobe, birarimbuka. Byari byasobanuwe neza ko Abaheburayo batazagerwaho n’icyo cyorezo; maze Farawo yohereje intumwa mu ngo z’Abisiraheli zisanga ibyo Mose yavuze ari ukuri. “Ariko mu matungo y’Abisiraheli ntihapfa na rimwe.” Na none umwami akomeza kwinangira ntiyabareka ngo bagende. {AA 175.1}

Mose noneho abwirwa kujyana ivu ry’itanura ngo “aritumurire hejuru imbere ya Farawo.” Icyo gikorwa cyari gifite icyo gisobanuye gikomeye. Mu myaka magana ane yari ishize, Imana yari yareretse Aburahamu ikandamiza rizaba ku bwoko bwayo mu bihe bizaza, ikoresheje umwotsi w’itanura n’itara rigurumana. Imana yari yaravuze ko izahana abakandamizaga ubwoko bwayo, maze itarure abagizwe imbohe ikoresheje imbaraga zikomeye. Abisiraheli bari bararenganyirijwe igihe kirekire mu itanura ry’ibigeragezo mu gihugu cya Misiri. Icyo gikorwa Mose yakoze cyari igihamya cy’uko

Imana yibuka isezerano ryayo, kandi ko igihe cyo kubatabara kigeze. {AA 175.2}

Ubwo iryo vu ryatumurirwaga mu kirere, ryakwiriye mu gihugu cyose cya Misiri, kandi aho ryagwaga hose, ari ku muntu no ku matungo ryateraga “ibishyute bizaturikamo ibisebe.” Abatambyi n’abanyabugenge bashyigikiye Farawo muri uko kutumvira kwe, ariko noneho igihano cyari kije nabo cyari cyabagezeho. Ubwo bafatwaga n’indwara mbi cyane kandi itera uburibwe bukabije, imbaraga zabo biratanaga zatumye bahinduka ibisuzuguriro, ntibaba bagishobora guhangana n’Imana y’Abisiraheli. Igihugu cyose kiboneye ubupfu bwo kwiringira abanyabugenge, ubwo batari bagishoboye kurinda nibura n’umubiri wabo bwite. {AA 175.3}

Ariko na bwo umutima wa Farawo wakomeje kunangira kurushaho. Maze noneho Uwiteka amwoherereza ubutumwa bugira buti, “Nicyo gituma ejo nk’iki gihe nzohereza ibyago ntera byose ku mutima wawe no ku bagaragu bawe no ku bantu bawe, kugira ngo umenyeko ari nta we uhwanye nanjye mu isi.... ariko ni ukuri iyi ni yo mpamvu itumye nguhagarika, ni ukugira ngo nkwereke imbaraga zanjye.” Ntabwo icyatumye Imana ituma akomeza kubaho ari uko yagira ngo agerweho n’ibi byago , ahubwo imbabazi zayo nizo zari zigitumye aguma ku ngoma muri icyo gihe yateguye ko Abisiraheli batahuka. Nubwo uwo mwami wishyiraga hejuru yari yarasuzuguye imbabazi z’Imana, ubugingo bwe bwari bukirindiwe muri uko kwinangira kwe, kugira ngo Uwiteka yerekane ibitangaza bye mu gihugu cya Misiri. Kubaho kw’ibyo bintu byari biturutse ku mbabazi z’Imana. Yashoboraga kuba yaremeye ko hajyaho umwami w’umunyampuhwe, utari guhangara guhangana n’imbaraga ikomeye y’ijuru. Ariko hano umugambi w’Uhoraho ntiwari gusohozwa. Ubwoko bw’Imana bwashoboye kwibonera ubugome bukabije bw’Abanyamisiri, kugira ngo batazongera gushukwa bitewe n’ubupfapfa bwo kwiringira ibigirwamana. Muri ubwo buryo Imana yakoranye na Farawo, Uwiteka yerekanye uburyo yanga urunuka ibigirwamana n’uburyo yagambiriye guhana abagome n’abakandamiza abandi. {AA 175.4}

Imana yari yaravuze yerekeje kuri Farawo iti, “Nzanangira umutima we, maze ye kureka Abisiraheli bagenda.” Kuva 4:21. Nta mbaraga zidasanzwe zakoreshejwe kugira ngo umutima wa Farawo winangire. Imana yari yahaye Farawo ibihamya bikomeye cyane byerekana imbaraga zayo, nyamara umwami aranangira yanga kugendera mu mucyo yabonye. Ukwigaragaza kw’imbaraga itagereranywa yakomeje guhinyura kwatumye arushaho kugambirira kwigomeka. Imbuto zo kwigomeka yabibye igihe yangaga kwemera igitangaza cya mbere, byabyaye umusaruro wabyo. Ubwo yari agikomeje kwihambira ku cyemezo yari yafashe, ava ku ntera imwe yo kwinangira agera ku yindi, umutima we warushagaho kwinangira kugeza ubwo agera aho ahamagarirwa kureba intumbi z’abana b’imfura. {AA 176.1}

Imana ivugana n’abantu binyuze mu bagaragu bayo, igatanga imiburo kandi igacyaha

icyaha. Iha buri wese amahirwe yo gukosora amafuti ye mbere y’uko afata icyicaro mu mico ye; ariko iyo umuntu yanze guhanwa, imbaraga y’Imana ntiyivanga ngo itambamire gukora ibyo yishakiye. Biramworohera cyane gusubira mu ikosa yakoze mbere. Aba anangira umutima kugira ngo Umwuka wera atamuhindura. Gukomeza kwanga umucyo akari kera bimushyira ahantu n’ikintu gikomeye gite kitabasha kugira icyo kimubwira ngo ahinduke.

{AA 176.2}

Uwihambiriye nibura rimwe ku kigeragezo azatsindwa ubwa kabiri bitaruhanyije. Uko asubira gukora icyaha ni ko imbaraga ye yo kukirwanya igabanuka, amaso ye agahuma, maze ntabe acyemera.Urubuto rwose rwo gukerensa rubibwe, ruzera imbuto. Nta gitangaza Imana ikora kugira ngo hataboneka umusaruro. “Kuko ibyo umuntu abiba, ari byo azasarura.” Abagalatiya 6:1. Umuntu wese ugaragaza kutizera, akigira ntibindeba ku kuri kw’Imana, byanze bikunze azasarura ibyo yabibye ubwe. Ni muri ubwo buryo abantu benshi baza gutega amatwi amagambo y’ukuri bafite gukerensa ukuri nyamara kwarigeze gukangura imitima yabo. Babiba guhinyura no kurwanya ukuri, kandi ibyo ni byo basarura. {AA 176.3}

Abantu bacecekesha umutimanama ubashinja ikibi bibwira ko bashobora guhindura ikibi igihe cyose babishakiye, bagakinisha irarika ry’imbabazi, hanyuma kandi bagakomeza kubyihambiraho, baba bajya mu kaga. Bibwira ko iyo bamaze kujya mu ruhande rw’umugome ukomeye, iyo bageze mu bihe bikomeye, igihe ingorane zibagose, bazahindura abayobozi. Ariko ibyo ntibyoroshye. Imibereho, inyigisho, imyitwarire yamenyereye gukora icyaha bwahinduye imico yabo cyane ku buryo badashobora kwakira Yesu. Iyo batabona umucyo ubamurikira mu nzira zabo, bajyaga kubabarirwa. Imbabazi zarahagobotse, maze zibaha amahirwe yo kwemera icyo zibabwira; ariko iyo umucyo usuzuguwe kandi ukangwa igihe kirekire, ku iherezo bazawakwa. {AA 176.4}

Farawo yaburiwe ko hagiye gukurikiraho icyago cy’urubura. “None ubwire abantu bacyure amatungo yawe, n’ibyo ufite hanze byose, babyugamishe. Urubura ruzica icyo ruzasanga hanze cyose, yaba umuntu cyangwa itungo.” Imvura cyangwa urubura ntibyari bimenyerewe mu Misiri, kandi urubura nk’urwo rwari rwavuzwe rwari rutarigeze rubaho mu Misiri. Iyo nkuru ntiyatinda gusakara hose, kandi abizeye ijambo ry’Uwiteka bose bacyuye amatungo yabo, naho abasuzuguye iryo jambo ry’imbuzi bayarekera ku gasozi. Maze ubwo iteka ryacibwaga, imbabazi z’Imana zirigaragaza, abantu barashunguwe, kandi haragaragaye uburyo benshi bayobowe inzira yo gutinya Imana igihe imbaraga zayo zigaragaje. {AA 177.1}

Imvura irimo umuyaga yaraguye nk’uko byari byavuzwe, haboneka inkuba n’urubura ruvanze n’imirabyo, “bikomeye, ibyo bikaba bitari byarigeze bibaho mu mateka

y’igihugu Misiri cyose kuva cyabaho. Kandi urwo rubura rwishe icyari mu gasozi cyose mu gihugu cya Misiri cyose abantu n’amatungo n’inyamaswa; rwangiza ibyatsi byo mu gasozi byose n’imyaka yo mu mirima yose, ruvunagura n’ibiti byo mu gasozi byose.” Aho marayika urimbura yanyuze harangwaga amatongo n’ikidaturwa. Igihugu cy’i Gosheni nicyo cyonyine cyarokotse. Abanyamisiri beretswe ko isi igengwa n’Imana nzima, ko ibiriho byose byumvira ijwi ryayo, kandi ko kuyumvira ari byo byonyine bizana amahoro. {AA 177.2}

Igihugu cya Misiri cyose cyahindisahijwe umushyitsi n’iteka rikomeye Imana yabaciriyeho. Farawo yihutiye gutumira abo bavandimwe babiri arabatakira ati, “Ubu bwo nacumuye, Uwiteka niwe uri mu kuri, naho jye n’abantu banjye twarafuditse. None nimunsabire Uwiteka arekera aho gukubitisha inkuba no kugusha urubura; nanjye sinzongera kubabuza ndabareka mugende.” Mose aramusubiza ati, “Nimara kuva mu mujyi ndasenga Uwiteka mutegeye amaboko, nta nkuba yongera guhinda, nta n’urubura rwongera kugwa. Ubwo ni bwo umenya ko isi ari iy’Uwiteka. Nyamara nziko wowe n’ibyegera byawe mutarubaha Uwiteka Imana.” {AA 177.3}

Mose yari azi uko ibyagombaga kuba bitararangira. Kwicuza n’amasezerano bya ntibyari uguhinduka nyakuri kuvuye ku mutima we cyangwa yatekerejeho neza, ahubwo yabitewe n’ubwoba n’agahinda. Nyamara Mose yamusezeraniye ko ari bukore ibyo amusabye ari uko atongeye kwinangira. Umuhanuzi yarigendeye ntiyita ku muraba wari ukaze, maze Farawo n’ibyegera bye bari biboneye imbaraga z’Imana Ishorabyose irinda uwo yatumye. Byarangiye nta mujyi n’umwe usigaye, Mose aramburira amaboko ye Uwiteka, maze guhinda kw’inkuba n’urubura birahagarara, kandi imvura ntiyongera kugwa ku isi.” Ariko ntibyatinze, umwami amaze kubona ibyamuteraga ubwoba birangingiye, yongera kwinangira umutima. {AA 177.4}

Noneho Uwiteka abwira Mose ati, “Subira ibwami kuko arjye wanangiye umutima w’umwami n’uw’ibyegera bye, kugira ngo mbereke ibimenyetso bitangaje. Bityo muzatekerereze abana banyu n’abuzukuru banyu, ibyo bimenyetso nakoreye mu Banyamisiri n’uko nabagenje, ndetse muzamenye ko ari jye Uhoraho.” Uwiteka yerekanye imbaraga ze kugira ngo ukwizera kw’Abisiraheli gukomere bamenye ko nta yindi Mana y’ukuri kandi iriho. Yabahaye ibihamya bidasubirwaho bigaragaza itandukaniro riri hagati y’Abisiraheli n’Abanyamisiri, kandi bigatuma n’amahanga yose amenya ko Abaheburayo, abo bangaga kandi bakabakandamiza, bari barinzwe n’Imana yo mu ijuru. {AA 177.5}

Mose yaburiye umwami ko niba akomeje kwinangira, hazatezwa icyago cy’inzige, zikazimagiza ubutaka bwose bw’igihugu kandi zikarya ikimera cyose cyasigaye; zikuzura no mu mazu hose, n’ingoro y’umwami ubwayo, zizateza icyago gikomeye, “ba so na ba sogokuruza batigeze babona mu Misiri.” {AA 178.1}

Abajyanama ba Farawo bari bahagaze aho bashobewe. Igihugu cyari cyarahombye cyane kubera urupfu rw'amatungo. Abantu benshi barishwe n'urubura. Amashyamba yari yararimbutse kandi n'imyaka nayo yari yarangiritse. Ibyo Abisiraheli bari barabakoreye igihe kirekire byose bari babihombye. Igihugu cyose cyari kibasiwe n'inzara. Ibikomangoma n'ibyegera by'umwami byaramusanze bimubaza birakaye biti, "Uriya mugabo azakomeza kuduteza ibyago kugeza ryari? Reka abo bagabo b'Abisiraheli bajye kuramya Uwiteka Imana yabo. Ese nturamenya ko Misiri yarimbutse?" {AA 178.2}

Mose na Aroni barongera baratumirwa, maze umwami arababwira ati, "Ngaho nimujye kuramya Uhoraho Imana yanyu; ariko mumbwire n'abo muzajyana." {AA 178.3}

Mose na Arani baramusubiza bati, "Tuzajyana n'abana bacu n'abasaza bacu, n'abahungu bacu n'abakobwa bacu, n'imikumbi yacu n'amashyo yacu, kuko tugomba kwizihiza iminsi mikuru y'Uhoraho." {AA 178.4}

Umwami azabiranywa n'uburakari bukomeye. Arababwira ati, "Uwiteka abane namwe." "Ayo mahirwe mwayakura he ngo mbareke mwijyanire n'abana banyu? Biragaragara ko mufite imigambi mibi! Ntabwo mbemerera. Nihagende abagabo bonyine baramye Uhoraho kuko aribyo mwansabye. Nuko birukanwa mu maso y'umwami." Farawo yagerageje kwicisha Abisiraheli imirimo y'agahato, ariko noneho ashaka kwerekana ko yitaye cyane ku bugingo bw'abana bato kandi ko abafitiye impuhwe. Umugambi nyakuri we kwari ukugumana abagore n'abana kugira ngo agire icyizere ko abagabo bazagaruka. {AA 178.5}

Mose noneho atunga inkoni ye ku gihugu, maze umuyaga uhuha uturutse iburasirazuba uzana inzige. "Zari icyago gikomeye cyane; uhereye kera kose ntihigeze kubaho inzige nk'izo, ntizizongera no kubaho." Zizimagiza ikirere cyose kugeza ubwo igihugu gihinduka umwijima kandi zirya ibimera byose n'imbuto z'ibiti urubura rwasize, kuburyo mu Misiri nta kibabi cyangwa icyatsi cyahasigaye. {AA 178.6}

Farawo atumira bwangu uwo muhanuzi aramubwira ati, "Nacumuye ku Uwiteka Imana yanyu no kuri mwe. . . .munsabire ku Uwiteka Imana yanyu, inkureho uru rupfu ubu gusa." Barabikora, maze umuyaga inkubi y'umuyaga iturutse iburengerazuba utwara izo nzige zose uziroha mu Nyanja Itukura. Na bwo umwami yanga kuva ku izima arinangira. {AA 178.7}

Abanyamisiri bari bageze aho kwiheba. Ibyago byose byari bimaze kubageraho ntibari bagishobora kubyihanganira, maze bagira ubwoba bw'ahazaza. Igihugu cyaramyaga Farawo nk'aho ariwe uhagarariye imana yabo; ariko noneho benshi bari bamaze kwemera ko arwanya Iyaremye ubushobozi bwose bw'ibiriho ikabuhindura intumwa ku bushake bwayo. Abacakara b'Abaheburayo batari baragezweho n'ibyo byago kubera

ibitangaza by’Imana, babari bamaze kugira icyizere cy’uko bagiye gutahuka. Abatware b’Abanyamisiri ntibari noneho bagitinyuka kubakandamiza. Mu Misiri hose bari bafite ubwoba mu mitima yabo ko ubwo bwoko bw’abacakara buzahaguruka bukihorera kubera nabi bwagiriwe. Ahantu hose abantu barabazaga bati: Ni iki kizakurikiraho? {AA 179.1}

Mu kanya gato, umwijima w’icuraburindi ucura mu gihugu hose, wari mwinshi cyane kandi wijimye cyane ku buryo wari “umeze nk’ukorwaho.” Abantu ntibabuze umucyo gusa, ahubwo n’umwuka wari muke cyane kuburyo no guhumeka byari biruhije. ” Mu minsi itatu ntihagira ubasha kureba mugenzi we cyangwa ngo ave aho ari, ariko aho Abisiraheli bose bari batuye harabonaga.” Abanyamisiri basengaga izuba n’ukwezi; muri uwo mwijima uteye urujijo abantu n’imana zabo bahinduka kimwe, batsindwa n’abo bari baragize abacakara babo. Nyamara n’ubwo icyo cyago cyari giteye ubwoba, cyabaye ikimenyetso cy’ibambe ry’Imana n’uburyo kurimbura atari umugambi wayo. Yahaye abantu igihe cyo gutekereza no kwihana mbere y’uko icyago giheruka kandi kirusha ibindi byose kuba kibi kibageraho. {AA 179.2}

Ku iherezo Farawo ashira ubwoba aremera. Ku munsi wa gatatu umwijima urangiye, Farawo ahamagaza Mose kandi yemera ko abantu bagenda, ariko imikumbi n’amashyo bigasigara. Uwo Muheburayo w ‘intwari aramusubiza ati, “Ntihazasigara n’urwara. Ntidushobora kumenya icyo tugomba kumutambira tutaragera aho yatubwiye.” Umwami azabiranywa n’uburakari ku buryo yananiwe kwiyumanganya. Abwira Mose ati, “Mva mu maso! Ntuzongere kumpinguka imbere. Umunsi wagarutse aha nzakwica!” {AA 179.3}

Mose aramusubiza ati: “Ibyo uvuze nibyo koko. Sinzongera kuguhinguka imbere.” {AA 179.4}

“Na Mose ubwe yari umunyacyubuhiro ukomeye mu gihugu cya Misiri, mu maso y’abagaragu ba Farawo, no mu maso y’Abanyamisiri bose.” Abanyamisiri baramwubahaga cyane. Umwami ntiyashoboraga gutinyuka kumugirira nabi, kuko abantu babonaga ko ari we wenyine ufite ububasha bwo gukuraho ibyo byago. Bifuzaga ko Abisiraheli bakwemererwa kuva mu Misiri. Umwami n’abatambyi ni bo bakomeje kwanga ibyo Mose yasabaga byose kugeza ku cyago giheruka. {AA 179.5}

IGICE CYA 24 - PASIKA

Igihe icyifuzo cy'uko Abisiraheli barekurwa cyagezwaga ku mwami wa Misiri bwa mbere, umuburo w'ibyago bibi cyane wari waramaze gutangwa. "Kandi uzabwire Farawo uti: 'Uwiteka aravuze ati: 'ubwoko bw'Abisiraheli ni umwana wanjye w'imfura: kandi narakubwiye nti: 'rekura umwana wanjye agende, ankorere; ariko wanze kumurekura; nuko rero nzica umwana wawe w'imfura." (Kuva 4:22, 23). Nubwo bari barateshejwe agaciro n'Abanyamisiri, Abisiraheli bari barahawe icyubahiro n'Imana binyuze mu kubatoranya ngo babe ububiko bw'amategeko yayo. Mu migisha n'amahirwe bidasanzwe bahabwaga, bagiraga isumbwe mu yandi mahanga nk'iryo umwana w'imfura yagiraga mu bavandimwe be. {AA 180.1}

Iteka Misiri yari yaraburiwe ko izacirwa, amaherezo ryagombaga kubaho. Imana irihangana kandi yuje imbabazi. Yita cyane ku bantu yaremye ku ishusho yayo. Iyaba kurimbuka kw'imyaka yo mu mirima, imikumbi n'amashyo kwarateye Abanyamisiri kwihana, abana b'imfura ntibaba barapfuye; nyamara iryo shyanga ryari ryarinangiye ryanga kumvira itegeko ry'Imana noneho ubu icyago giheruka cyari kigiye gutera. {AA 180.2}

Nubwo Mose yari yarihanangirijwe kutagaruka imbere ya Farawo, Farawo amubwiye ko nagaruka azapfa, ubutumwa buheruka buvuye ku Mana bwagombaga kubwirwa umwami w'ícyigomeke, maze Mose yongera kugaruka imbere ye amuzaniye itangazo rikomeye rivuga ngo: "Uwiteka aravuze ati: Nko mu gicuku nzanyura hagati mu Egiputa: abana b'imfura bose bo mu gihugu cya Egiputa bapfe, uhereye ku mfura ya Farawo wicara ku ntebe y'ubwami, ukageza ku mfura y'umuja w'umusyi; kandi n'uburiza bwose bw'amatungo buzapfa. Hazaba umuborogo mwinshi mu gihugu cya Egiputa cyose, utigeze kubaho, kandi ntihazongera kuba nk'uwo. Ariko mu Bisirayeli nta n'umwe imbwa izamokera, mu bantu cyangwa mu matungo: kugira ngo mumenye uko Uwiteka yatandukanyije Abanyegiputa n'Abisiraheli. Kandi aba bagaragu bawe bose bazamanuka bansange bamfukamire, bambwire bati: 'Va mu gihugu, ujyane abantu bose bagukurikiye.' Ubwo ni bwo nzagenda." {AA 180.3}

Mbere y'uko icyo gihano gitangwa, Uwiteka akoresheje Mose, yahaye abana ba Isiraheli amabwiriza yerekeranye n'uko bazava mu Misiri, ndetse by'umwihariko, uko bazarindwa ako kaga kari kagiye gutera. Umuryango wose, wonyine cyangwa ufatanyije n'indi, wagombaga kubaga umwana w'intama cyangwa umwana w'ihene "udafite inenge," maze bagakoresha uduti twita ezobu baminjagira amaraso yawo ku "nkomanizo zombi no mu ruhamo rw'umuryango w'inzu," kugira ngo marayika urimbura, wari kuza mu gicuku, atazinjira mu nzu zabo. Bagombaga kurya inyama

zokeje, n’umutsima utasembuwe, kandi bakazirisha imboga zisharira, nijoro nk’uko Mose yavuze ati: “Muzazirye mukenyeye, mukwese inkweto, mwitwaje inkoni: muzazirye vuba vuba: iyo ni yo Pasika y’Uwiteka.” (Kuva 12:14) {AA 180.4}

Uwiteka yaravuze ati: “Kuko muri iryo joro nzanyura mu gihugu cya Egiputa nkica abana b’imfura bose bo mu gihugu cya Egiputa, imfura z’abantu n’uburiza bw’amatungo; n’imana z’Abanyegiputa zose nzasohoza amateka nziciriyeho.. . .Ayo maraso azababere ikimenyetso ku mazu murimo: nanjye ubwo nzabona ayo maraso nzabanyuraho, nta cyago kizababaho ngo kibarimbure. Ubwo nzatera igihugu cya Egiputa.” {AA 181.1}

Mu rwego rwo kwibuka uko gucungurwa gukomeye, Abisiraheli bagombaga kujya bizihiza umunsi mukuru uko umwaka utashye mu bisekuru byose byajyaga kuzakurikiraho. “Kandi uwo munsi uzababere urwibutso, muzawuziririze,ube umunsi mukuru wÚwiteka: mu bihe byanyu byose mujye muwuziririza, ribe itegeko ry’iteka ryose” (Kuva 12:14). Uko bagombaga kujya bizihiza uwo munsi mu bihe byari kuzakurikiraho, bagombaga gusubiriramo abana babo igitekerezo cy’uko gucungurwa kwabo gukomeye nk’uko Mose yabihanangiririje ati: “Mujye mubasubiza muti: ‘Ni igitambo cya Pasika y’Uwiteka, kuko yanyuze ku mazu y’Abisirayeli bari mu Egiputa, agakiza amazu yacu, ubwo yicaga Abanyegiputa.’” (Kuva 12:27). {AA 181.2}

Ikindi kandi, imfura z’abana n’uburiza bw’amatungo byagombaga kuba ubw’Uwiteka, umuntu akabutwara ari uko atanze incungu yabwo, ibyo bigakorwa mu rwego rwo kuzirikana ko igihe imfura zo mu Misiri zarimbukaga, imfura z’Abisirayeli nazo zashoboraga kugerwaho n’icyo cyago ariko zirokorwa bikomeye kubw’igitambo cyatanzwe. Uwiteka yaravuze ati: “Kuko abana b’imfura bose ari abanjye: ku munsi nicaga abana b’imfura bo mu Egiputa bose, ni ho niyereje abana b’imfura bose bo mu Bisirayeli n’uburiza bw’amatungo: bazaba abanjye; ndi Uwiteka” (Kubara 3:13). Nyuma yo gushyirwaho k’umurimo wakorerwaga mu buturo bwera, Uwiteka yitoranyirije umuryango wa Lewi kugira ngo ukore umurimo wo mu buturo bwera aho gutoranya imfura zo mu miryango yose. Uwiteka yaravuze ati: “Kuko mbahawe rwose mu Bisiraheli; mbitoreye gusubira mu cyimbo cy’abana b’uburiza bose, imfura z’Abisirayeli zose” (Kubara 8:16). Nyamara kandi, mu rwego rwo kuzirikana imbabazi z’Imana, ubwoko bwose bw’Abisirayeli bwasabwaga gutanga amatungo yo gucungura uburiza bw’abantu (Kubara 18:15,16). {AA 181.3}

Pasika yagombaga kuba urwibutso kandi ikaba n’ikigereranyo, iterekana gusa ugucungurwa bava mu Misiri, ahubwo yatungaga agatoki ugucungurwa gukomeye kurushaho kwari kugiye kuzakorwa na Kristo agakura ubwoko bwe mu bubata bw’icyaha. Umwana w’intama watambwaga ugereranya “Ntama w’Imana,” we gusa dufitemo ibyiringiro by’agakiza. Intumwa Pawulo iravuga iti: “kuko Pasika yacu

yatambwe, ari we Kristo.” (1 Abakorinto 5:7). Ntibyari bihagije yuko umwana w’intama wa Pasika ubikirwa; ahubwo amaraso yawo yagombaga kuminjagirwa ku nkomanizo z’umuryango. Uko ni ko ibyakozwe n’amaraso ya Kristo bigomba gushyirwa ku bugingo. Ntitugomba kwizera ko yapfiriye isi gusa, ahubwo dukwiriye kwizera ko yadupfiriye umuntu wese ku giti cye. Ukuri kw’igitambo cya Kristo gikuraho ibyaha tugomba kukugira ukwacu bwite. {AA 181.4}

Ezobu yakoreshwaga mu kuminjagira amaraso yagereranyaga kwezwa, kuko yakoreshwaga mu guhumanura umubembe n’ababaga bandujwe no gukora ku ntumbi. Ubusobanuro bwa Ezobu buboneka mu isengesho ry’Umunyazaburi aho avuga ati: “Unyejeshe ezobu, ndera: Unyuhagire, ndaba umweru ndushe urubura.” Zaburi 51:7. {AA 182.1}

Umwana w’intama yagombaga kubagwa wose, nta gufwa na rimwe rivunwe. Uko ni nako nta gufwa rya Ntama w’Imana wagombaga kudupfira ryajyaga kuzavunwa (Yohana 19.36). Uko ni nako ukuzura kw’igitambo cya Kristo kwagaragazwaga. {AA 182.2}

Inyama zagombaga kuribwa. Ntibihagije gusa yuko twizera Kristo kugira ngo tubabarirwe ibyaha; kubwo kwizera tugomba guhora twakira imbaraga ya Mwuka kandi tukagaburirwa ibikomoka kuri Kristo binyuze mu ijambo rye. Kristo yaravuze ati: {AA 182.3}

“Kristo yaravuze ati: ‘Nimutarya umubiri w’Umwana w’umuntu, ntimunywe n’amaraso ye, nta bugingo muba mufite rnuri mwe. Urya umubiri wanjye akanywa amaraso yanjye, aba afite ubugingo buhoraho.” (Yohana 6:53,54). Kugira ngo Kristo asobanure icyo yashakaga kuvuga, yaravuze ati: “Amagambo mbabwiye ni yo mwuka, kandi ni yo bugingo” (umurongo wa 63). Yesu yemeye amategeko ya Se, yagaragarije amahame yayo mu mibereho ye, agaragaza umwuka uyaranga ndetse yerekana imbaraga ifasha kandi igira neza mu mutima. Yohana aravuga ati: “Jambo uwo yabaye umuntu, abana natwe (tubona ubwiza bwe n’ubw’Umwana w’ikinege wa Se), yuzuye buntu n’ukuri” (Yohana 1:14). Abayoboke ba Kristo bagomba kuba basangiye imibereho nawe. Bagomba kwakira Ijambo ry’Imana rikabajyamo kugira ngo rizahinduke imbaraga iranga imibereho n’ibikorwa. Kubw’imbaraga ya Kristo, bagomba guhinduka bagasa na we, ndetse bakagaragaza imico y’Imana. Bagomba kurya umubiri bakanywa n’amaraso y’Umwana w’Imana, bitaba bityo bakaba nta bugingo bafite muri bo. Umwuka warangaga Kristo ndetse n’ibikorwa bye ni bye bigomba guhinduka umwuka n’ibikorwa biranga abigishwa be. {AA 182.4}

Umwana w’intama yagombaga kurishwa imboga zisharira, bikaba byarerekanaga uburyo uburetwa bwabashaririye mu Misiri. Ni ko rero iyo turiye kuri Kristo, dukwiriye kuba dufite umutima ushengutse kubera ibyaha byacu. Gukoresha umutsima

utasembuwe na byo byari bifite icyo bisobanura. Byategekwaga mu buryo bukomeye mu mategeko ya Pasika, kandi byubahirizwaga n'Abayuda mu buryo budakebakeba mu mikorere yabo, ku buryo nta musemburo washoboraga kuboneka mu mazu yabo mu gihe cyo kwizihiza Pasika. Mu buryo nk'ubwo, umusemburo w'icyaha ukwiriye gukurwa mu bantu bose babasha kwakira ubugingo n'igaburo bituruka kuri Kristo. Bityo, Pawulo yandikira itorero ry'i Korinto ati: "Nuko nimwiyezeho umusernburo wa kera, kugira ngo mube irobe rishya.... Kuko Pasika yacu yatambwe ari Kristo. Nuko rero tujye tuziririza iminsi mikuru, tudafite umusemburo wa kera, cyangwa umusemburo ni wo gomwa n'ibibi, ahubwo tugire imitsima idasembuwe, ni yo kuri no kutaryarya." (1 Abakorinto 5:7,8). {AA 182.5}

Mbere y'uko babona ubwigenge, abaretwa bagombaga kwerekana ko bizera gucungurwa gukomeye kwendaga kubaho. Ikimenyetso cy'amaraso cyagombaga gushyirwa ku mazu yabo, kandi bo n'imiryango yabo bagombaga kwitandukanya n'Abanyamisiri maze bagateranira mu mazu yabo. Iyo Abisirayeli birengagiza akantu na gato mu mabwiriza bahawe, iyo birengagiza gutandukanya abana babo n'Abanyamisiri, iyo babaga umwana w'intama ariko ntibasige amaraso ku nkomanizo z'imiryango, cyangwa se iyo hagira umuntu ujya hanze y'inzu zabo, ntabwo baba barabaye amahoro. Bagombaga kwizera badakebakeba ko bakoze ibyasabwaga byose, bitaba ibyo kumaramaza kwabo ntikwajyaga kubakiza. Abantu bose batumviye amabwiriza y'Uwiteka bashoboraga gupfusha imfura zabo zishwe n'ukuboko k'umurimbuzi. {AA 182.6}

Abisirayeli bagombaga kwerekana igihamya cyo kwizera kwabo babigaragarisha kumvira. Muri ubwo buryo rero, abiringira gukizwa n'icyo amaraso ya Kristo yakoze bose, bakwiriye kumenya ko bo ubwabo bafite icyo bagomba gukora mu gusohoza agakiza kabo. Nubwo Kristo wenyine ari we ushobora kudukiza igihano cyo kutumvira, tugomba guhindukira tukava mu byaha tukumvira. Umuntu agomba gukizwa no kwizera, ntabwo ari imirimo; nyamara kwizera kwe kugomba kwerekanwa n'imirimo ye. Imana yatanze Umwana wayo ngo apfe kugira ngo abe impongano y'icyaha. Imana yagaragaje umucyo w'ukuri, inzira y'ubugingo, yatanze ibyangombwa, amabwiriza n'amahirwe; kandi ubu umuntu agomba gukorana n'ubwo buryo; agomba kunyurwa kandi agakoresha ubufasha Imana yatanze — akizera kandi akumvira ibyo Imana isaba byose. {AA 183.1}

Ubwo Mose yasubiriragamo Abisiraheli ibyo Imana yari yarateganyije kugira ngo bacungurwe, "abantu barunamye bararamya." Ibyiringiro binejeje by'umudendezo bari bagiye kubona, kumenya urubanza ruteye ubwoba rwari rugiye kugera ku babakandamizaga, guhangayika ndetse n'ibyo bakoraga bijyana n'uko kuva mu Misiri kwabo by'ikubagahu — ibyo byose mu kanya gato byamizwe no gushima Umucunguzi wabo mwiza. Benshi mu Banyamisiri bari bari barageze aho bamenya ko Imana

y’Abaheburayo ari yo Mana nyakuri yonyine, bityo icyo gihe basabye kwemererwa gucumbika mu mazu y’Abisiraheli ubwo marayika murimbuzi yagombaga kunyura mu gihugu cya Misiri. Bakiranwe umunezero, maze kuva ubwo basezerana gukorera Imana ya Yakobo no kuva mu Misiri bakajyana n’ubwoko bwayo. {AA 183.2}

Abisirayeli bumviye amabwiriza Imana yari yatanze. Biteguye kugenda mu buryo bw’ikubagahu kandi bw’ibanga. Imiryango yabo yari yateraniye hamwe, umwana w’intama wa Pasika wari wabazwe, inyama zokejwe ku muriro, batetse umutsima udasembuwe n’imboga zisharira. Umugabo ari nawe mutambyi w’umuryango yaminjagiye amaraso ku nkomanizo z’umuryango w’inzu maze agumana n’ab’umuryango mu nzu. Bariye umwana w’intama wa Pasika vuba vuba kandi batuje. Abantu barasenze kandi bategerezanya ubwoba, imitima y’abakecuru n’abakambwe kugera kuya abana bato, yateranaga ubwoba bwinshi cyane bitavugwa. Abagabo n’abagore babumbatiye mu maboko yabo abana babo bakunda b’imfura ubwo batekerezaga icyago giteye ubwoba cyajyaga gutera iryo joro. Nyamara nta rugo ry’Umwisirayeli rwagezwemo na marayika warimburaga. Ikimenyetso cy’amaraso (ikimenyetso cy’uburinzi bw’Umukiza) cyari kiri ku miryango yabo bityo umurimbuzi ntiyinjira.

{AA 183.3}

“Mu gicuku, mu Egiputa bacura umuborogo mwinshi, kuko ari nta nzu n’imwe itapfuyemo umuntu.” Abana b’imfura bose mu gihugu, “uhereye ku mfura ya Farawo wicara ku ntebe y’ubwami, ukageza ku mfura y’imbohe mu kazu k’ibwina; n’uburiza bw’amatungo bwose” bwari bwishwe n’umurimbuzi. Mu gihugu cyose cya Misiri, ubwibone bw’inzu yose bwari bwacishijwe bugufi. Induru n’imiborogo by’abariririraga abapfuye byuzuye ikirere. Umwami n’ibyegera bye, bahinda umushitsi bahagaze bumiwe ku bw’ibyo byago bitavugwa. Farawo yibutse uko umunsi yari yaravuze ati: “Uwiteka ni nde, ngo numvire ndeke Abisirayeli? Sinzi Uwiteka, kandi ntabwo narekura Abisirayeli.” (Kuva 5:2). Ubu noneho, ubwibone bwe bwo guhangara ijuru bwari bumaze gucishwa bugufi mu mukungugu, maze “ahamagaza Mose na Aroni iryo joro, arababwira ati: ‘Nimuhaguruke, muve mu bantu banjye, mwe n’Abisiraheli; mugende mukorere Uwiteka nk’uko mwavugaga. Mujyane n’imikumbi yanyu n’amashyo yanyu nk’uko mwavugaga, mugende; kandi munsabire umugisha” (Kuva 12:32). Abajyanama b’ibwami ndetse na rubanda basabye Abisirayeli kugenda bakava mu gihugu cyabo vuba vuba; kuko bavugaga bati: “Twese turapfa.” {AA 183.4}

IGICE CYA 25 - ABISIRAHELI BAVA MU MISIRI

Ubwoko bw'Abisiraheli bwari bwakenyeye, bwambaye inketo z'imishumi, bufashe n'inkoni zo kwicumba; bwari bwahagaze, bucecetse, bwumiwe nyamara bwiteze ikigiye kuba, butegereje ko itegeko riva ibwami ribabwira ngo bagende. Butaracya, bari bafashe inzira. Igihe ibyago byateraga, ubwo ukwigaragaza kw'imbaraga y'Imana kwasabagizaga ukwizera mu mitima y'abaretwa kandi kugatera ubwoba bwinshi ababatotezaga, Abisiraheli bari bagiye bakorarira i Gosheni buhoro buhoro. Nubwo kugenda kwabo kwari gutunguranye, ibyangombwa byari byaramaze gutegurwa bijyana na gahunda yabo ndetse n'uburyo bwo kuyobora iyo mbaga y'abantu yari mu rugendo, bagabanyijwemo amatsinda afite abayobozi bayashinzwe. {AA 185.1}

Maze barahaguruka bagenda n'amaguru. « Bari nk'ibihumbi magana atandatu hatabariwemo abagore n'abana, …Abantu benshi b'amoko atari amwe bajyana nabo. » Muri iyi mbaga ntiharimo abahagurukijwe no kwizera Imana ya Isiraheli gusa, ahubwo harimo abantu benshi cyane bifuje gusa guhunga ibyago byari byateye, cyangwa se babakurikiye bakanguwe n'iyo mbaga yagendaga maze bajyana nabo kubera gutwarwa gusa ndetse n'amatsiko. Iri tsinda ry'aba bantu ryakomeje kubera Abisiraheli intaza n'umutego. {AA 185.2}

Abantu bajyanye "n'imikumbi n'amashyo menshi cyane." Ayo matungo yari ay'Abisiraheli batari barigeze bagurisha umutungo wabo umwami nk'uko Abanyamisiri bari barabigenje. Yakobo n'abahungu be bari barazanye mu Misiri amashyo n'imikumbi yabo. Aho mu Mirisi aya matungo yari yarahororokeye cyane. Mbere yo kuva mu Misiri, Abisiraheli bayobowe na Mose batse ibihembo by'imirimo bakoze badahembwa; bityo Abanyamisiri bifuzaga cyane kubona Abisiraheli babava imbere. Aba baretwa bagiye bikoreye imitwaro y'ibyo banyaze ababakoreshaga uburetwa. {AA 185.3}

Uwo munsi wuzuje amateka yari yarahishuriwe Aburahamu mu nzozi mu myaka amagana menshi yari ishize : « Menya neza yuko urubyaro rwawe ruzaba abashyitsi mu gihugu kitari icyabo, bazakorera ab'aho, na bo bazababababaza imyaka magana ane : nanjye nzaciraho itaka iryo shanga bazakorera : ubwa nyuma bazarivamo, bavanyemo

ubutunzi bwinshi » (Itangiriro 15 :13,14). Imyaka magana ane yari yuzuye. « Kuri wa munsi, Uwiteka yakuye Abisiraheli mu gihugu cya Egiputa, uko imitwe yabo yari iri.» Ubwo bavaga mu Misiri, Abisiraheli bajyanye amagufwa ya Yosefu yari umurage w'agaciro kenshi kuri bo, yari yarategereje igihe kirekire cyane gusohora kw'isezerano ry'Imana; kandi mu gihe cy'imyaka y'uburetwa barimo, aya magufwa yajyaga yibutsa Abisiraheli gucungurwa basezeranyijwe.

{AA 185.4}

Aho gukurikira inzira iromboreje yajyaga i Kanani inyuze mu gihugu cy'Abafilisitiya, Uwiteka yaberekeje mu majyepfo ahagana ku nkengero z'Inyanja Itukura. "Kuko Imana yibwiraga iti: Abantu be kwicuza, ubwo bazabona intambara, ngo basubire mu Egiputa." Iyo bagerageza kunyura mu gihugu cy'Abafirisitiya, bari guhura n'inkomyi ; kuko Abafilisitiya babafataga nk'inkoreragahato zicitse ba shebuja, ntibajyaga gutindiganya kubarwanya. Abisiraheli ntibari biteguye guhangana n'iryo shyanga ry'irinyambaraga kandi rimenyereye intambara. Bari basobaukiwe Imana gahoro kandi ntibayizeraga cyane, bityo bari kugira ubwoba bagakuka imitima. Nta ntwaro bari bafite kandi ntibari bamenyereye intambara, imitima yabo yari yaratentebuwe n'uburetwa bamazemo igihe kirekire, kandi bari bakomerewe n'abagore n'abana n'imikumbi n'amashyo. Ubwo yabanyuzaga mu nzira yerekeje ku Nyanja Itukura, Uwiteka yiyerekanye ko ari Imana y'inyampuhwe kandi ica urubanza.

{AA 185.5}

"Bava i Sukoti, babamba amahema mu Etamu, aho ubutayu butanginira. Uwiteka ku manywa yabagendaga imbere, ari mu nkingi y'igicu, ngo abayohore: nijoro yabagendaga imbere, ari mu nkingi y'umuriro, ngo abamurikire babone uko bagenda ku manywa na nijoro. Ya nkingi y'igicu ntiyavaga imbere y'ubwo bwoko ku manywa, kandi iyo nkingi y'umuriro ntiyabuvaga imbere nijoro." Umunyezaburi aravuga ati: "Asanzura igicu cyo kubatwikira, n'umuriro wo kubamurikira nijoro." (Zaburi 105.39). Soma no 1 Abakorinto 10:1, 2. Ibendera ry'Umuyobozi wabo utaraboneshwaga amaso ryahoranaga nabo. Ku manywa igicu cyabayoboraga inzira kandi kikabakingira izuba. Cyabakingiraga ubushyuhe bwinshi, kandi amafu n'amahumbezi byakivagaho byabasubizagamo ubuyanja mu butayu bwumagaye, butera inyota. Nijoro cyahindukaga inkingi y'umuriro, yabamurikiraga aho babaga babambye amahema yabo kandi igahora ibabera igihamya yuko Imana ihorana na bo. {AA 186.1}

Muri rimwe mu masomo meza cyane kandi ahumuriza dusoma mu buhanuzi bwa Yesaya, havuzwemo inkingi y'igicu n'umuriro mu rwego rwo kugaragaza uko Imana izita ku bwoko bwayo mu rugamba rukomeye ruheruka buzarwana n'imbaraga z'ikibi muri aya magambo: "Kandi hejuru y'ubuturo bwose bwo ku musozi wa Siyoni no ku materaniro yaho Uwiteka azaharemeraho igicu n'umwotsi ku manywa n'umuriro waka

ukamurika nijoro. Maze hejuru y’ibyubahwa byose hazabaho igitwikirizo. Kandi ku manywa hazabaho ihema ryo kuzana igicucu ku bw’icyokere, ribe ubuhungiro n’ubwugamo bw’ishuheri n’imvura” (Yesaya 4:6,6). {AA 186.2}

Mu rugendo rwabo, banyuze mu gihugu kinini cy’ubutayu kandi kinanije. Batangiye kwibaza aho urwo rugendo ruzabageza; bari batangiye kunanizwa n’inzira iruhije, kandi bamwe batangiye kugira ubwoba bw’uko bashobora gukurikirwa n’Abanyamisiri. Ariko cya gicu cyakomeje kugenda baragikurikira. Nuko Uwiteka abwira Mose kwerekeza mu kibaya gito cyane cy’impatanwa kirimo amabuye, maze bakabamba amahema yabo iruhande rw’inyanja. Mose yahishuriwe ko Farawo azabakurikira, ariko ko Imana izaherwa icyubahiro mu kurokorwa kwabo. {AA 186.3}

Inkuru zakwiriye hose mu Misiri ko aho kugira ngo Abisiraheli bitonde baramirize Imana yabo mu butayu, ahubwo bakomeje urugendo berekeza ku Nyanja Itukura. Abajyanama ba Farawo babwiye umwami yuko inkoreragahazo zabo zabacitse kandi ko zitazagaruka. Abanyamisiri bagaragaje ubupfapfa bwabo bavuga ko urupfu rw’abana babo b’imfura rwatewe n’imbaraga y’Imana. Abakomeye babo bamaze gushira ubwoba, bagerageje kwerekana ko ibyago byabateye byakomotse ku bintu bisanzwe. Baratatse baraboroga bati: “Twakoze ibiki? Kurekura Abisiraheli, bakava mu buretwa twabakoreshaga?” {AA 186.4}

Farawo yahamagaje ingabo ze, “ajyana amagare magana atandatu yatoranyijwe, n’andi magare y’intambara, y’Abanyegiputa yose,” ajyana n’abarwanira ku mafarashi, abagaba b’ingabo, n’abasirikare bagenza amaguru. Umwami ubwe, aherekejwe n’abakomeye bo mu gihugu cye, ayobora izo ngabo zari ziteye. Kugira ngo imana zabo zibafashe kandi kubw’ibyo zibabashishe gutsinda urugamba bari bashoje, byatumye n’abatambyi babo babaherekeza. Umwami wa Misiri yari yiyemeje gutera ubwoba Abisiraheli akoresheje kwerekana ububasha bwe. Abanyamisiri bari bafite ubwoba yuko baramutse bahatiwe kumvira Imana y’Abisiraheli, byari kubatera gukorwa n’isoni imbere y’andi mahanga; ariko noneho iyo babasha kugenda bakagaragaza ububasha bukomeye kandi bakagarura abari babacitse, bibwiraga ko bari kurengera icyubahiro cyabo, kandi bakongera gukorerwa n’abaretwa babo.

{AA 186.5}

Abaheburayo bari babambye amahema yabo bugufi bw’inyanja, kandi amazi yayo byasaga naho ari inkomyi imbere yabo, mu gihe na none mu majyepfo hari hari umusozi wababuzaga kuba bakomeza. Ako kanya babonye kure intwaro zirabagirana n’amagare y’intamabara yiruka yabagaragarizaga ko abimburiye ingabo nyinshi. Uko izo ngabo zabegeraga, Abisiraheli babnye ko Abanyamisiri babakurikiye. Ubwoba bwuzuye imitima y’Abisiraheli. Bamwe batakiye Uwiteka nyamara umugabane munini wasanze Mose binuba bavuga bati: “Nta mva zari mu Egiputa, kutuzana ngo dupfire

mu butayu? Ni iki cyatumye utugirira utyo, kudukura mu Egiputa? Si byo twakubwiriraga mu Egiputa tuti: “Tureke, dukorere Abanyegiputa, kuko ikiruta ari uko dukorera Abanyegiputa, biruta ko dupfira mu butayu?” {AA 187.1}

Mose yahangayikishijwe cyane n’uko ubwoko bwe bugaragaje kwizera Imana guke nubwo incuro nyinshi bwari bwaragiye bwibonera kwigaragaza kw’imbaraga y’Imana kuri bo. Ni mu buhe buryo bajyaga kugereka kuri Mose akaga n’ingorane bari bagezemo mu gihe bari bavuye mu Misiri bakurikije itegeko ry’Imana? Ni iby’ukuri ko nta makiriro yariho keretse gusa Imana ubwayo yajyaga kwitambika ikahabakura. Ariko ubwo bari bageze aho bakurikije amabwiriza y’Imana, Mose ntiyagize ubwoba bw’ingaruka yabyo. Igisubizo Mose yahaye abantu atuje kandi abakomeza ni iki ngo: “Mwitinya, mwihagararire gusa, murebe agakiza Uwiteka ari bubazanire uyu munsi: kuko Abanyegiputa mwabonye uyu munsi mutazongera kubabona ukundi. Uwiteka ari bubarwanire, namwe mwicecekere” (Kuva 14:13,14). {AA 187.2}

Ntabwo gutera Abisiraheli gutegereza Uwiteka byari byoroshye. Kubera kutagira ikinyabupfura no kwitegeka, batangiye gutera amahane no gukora iby’ubupfapfa. Bari biteze ko bagiye guhita bafatwa n’ababakoreshaga uburetwa, bityo imiborogo yabo n’amaganya yabo byari byinshi cyane. Bari baragiye bakurikira ya nkingi y’igicu itangaje yababeraga ikimenyetso cy’Imana kibabwira gukomeza urugendo; ariko ubu noneho bibazaga niba icyo gicu kiterekana akaga gakomeye; bakanibaza niba kitabayoboye mu ruhande rubi rw’umusozi, ahadashobora kunyurwa? Bityo, umumarayika w’Imana yabonekeye imitima yabo yari yahabye aba nk’impuruza ibaburira ibyago byari bigiye kubaho. {AA 187.3}

Nyamara ubwo ingabo z’Abanyamisiri zabasatiraga ziteze kubafata bitazigoye, ya nkingi y’igicu yazamukanye isheja yerekeza mu kirere, inyura hejuru y’Abisiraheli, maze imanukira hagati yabo n’ingabo z’Abanyamisiri. Urukuta rw’umwijima rwitambitse hagati y’Abanyamisiri n’Abisiraheli. Abanyegiputa ntibongeye kubona neza amahema y’Abisiraheli maze biba ngombwa ko bahagarara. Ariko uko umwijima wa nijoro warushagaho kuba mwinshi, ni ko ya nkingi y’igicu yahindukiraga Abaheburayo urumuri rukomeye cyane, rugasakara mu nkambi yose rubonerana nko ku manywa. {AA 187.4}

Bibaye bityo, ibyiringiro byagarutse mu mitima y’Abisiraheli. Mose yatakiye Uwiteka. “Uwiteka abaza Mose ati: “Ni iki gitumye untakira? Bwira Abisirayeli bakomeze bagende. Nawe umanike inkoni yawe, urambure ukuboko hejuru y’inyanja, uyigabanye; Abisirayeli bace mu nyanja hagati nko ku butaka.” {AA 188.1}

Ubwo umuhimbyi wa Zaburi yavugaga iby’uko Abisiraheli bambutse inyanja, yararirimbye ati: “Inzira yawe yari mu nyanja, inzira zawe zari mu mazi y’isanzure, Ibirenge byawe ntibyamenyekanye. Wayoboje ubwoko bwawe nk’umukumbi ukuboko

kwa Mose na Aroni” (Zaburi 77:19,20). Mose amanitse inkoni ye, amazi yaratandukanye, maze Abisiraheli banyura mu nyanja hagati, ku butaka bwumutse, amazi ahagaze nk’urukuta impande zombi. Umucyo waturukaga ku nkingi y’umuriro y’Imana wamurikaga inzira yari yahaciwe nk’uruhavu runini hagati y’amazi kandi ku wundi mwaro habaga hijimye. {AA 188.2}

“Abanyegiputa barabakurikara; amafarashi ya Farawo yose n’amagare ye, n’abahetswe n’amafarashi be, bijya mu nyanja hagati bibakurikiye. Mu gicuku cya nyuma, Uwiteka yitamururiye mu nkingi y’umuriro n’igicu, yitegereza ingabo z’Abanyegiputa, bacikamo igikuba.” Cya gicu gitangaje cyahindukiye inkingi y’umuriro imbere y’amaso yabo yari yumiwe. Inkuba zarahinze n’imirabyo irarabya. “Ibicu bisuka amazi, ijuru rirahinda, imyambi yawe irashwara. Ijwi ry’inkuba yawe ryari muri serwakira: imirabyo yawe imurikira isi, isi ihinda umushyitsi, iratigita.” (Zaburi 77:17, 18) {AA 188.3}

Abanyamisiri bacitsemo igikuba. Muri uko guhinda kw’inkuba no kurabya kw’imirabyo, bumvisemo ijwi ry’Imana yarakaye, bihutiye kugerageza gusubira inyuma kugira ngo bahungire ku nkengero bari baturutseho. Nyamara Mose yarambuye inkoni ye, maze amazi yari yirundanyije arasubirana maze amira ingabo z’Abanyamisiri bashirira imuhengeri.

{AA 188.4}

Mu gitondo, imbaga y’Abisiraheli yabonye ibisigazwa by’abanzi babo bakomeye, imirambo yari ikiri mu myambaro y’ibyuma y’intambara yari ijugunywe ku nkengero. Muri uko kurimbuka guteye ubwoba, ijoro rimwe ryabayemo kurokorwa kuzuye. Iyo mbaga nini y’Abisiraheli b’abanyantegenke, bari barabaye mu buretwa batamenyereye intambara, abagore, abana, imikumbi n’amashyo, babonaga inyanja imbere yabo, ingabo zikomeye z’Abanyamisiri zibakurikiye; babonye bacirirwa inzira mu mazi ndetse n’abanzi babo batsindwa ruhenu igihe bari biteze ko ari bo batsinda. Yehova wenyine ni we wari wabarokoye, maze imitirna yabo imugarukira ifite gushima no kwizera. Amarangamutima yabo yagaragajwe mu ndirimbo baririmbye zo gusingiza Imana. Mwuka w’Imana yaje kuri Mose maze ayobora abantu mu ndirimbo yo kunesha bashima, ari na yo ya mbere na mbere kandi nziza cyane kuruta izo umuntu yigeze amenya. Barariimbye bati: {AA 188.5}

“Ndaririmbira Uwiteka kuko yanesheje bitangaje,

Ifarashi n’uwo ihetse yabiroshye mu nyanja.

Uwiteka ni imbaraga zanjye n’indirimbo yanjye,

Ampindukiye agakiza.

Uwo ni we Mana yanjye, nanjye ndayihimbaza,

Ni yo Mana ya data, nanjye ndayishyira hejuru.

Uwiteka ni intwari mu ntambara,

Uwiteka ni ryo zina rye. {AA 188.6}

“Amagare ya Farawo n’ingabo ze yabiroshye mu nyanja,

Abatwara imitwe yatoranije barengewe n’Inyanja Itukura.

Imuhengeri habarenzeho, Barokeye imuhengeri nk’ibuye.

“Uwiteka, ukuboko kwawe kw’iburyo

gutewe icyubahiro n’ububasha bwako,

Uwiteka, ukuboko kwawe kw’iburyo kwashenjaguye ababisha.

Isumbe ryawe ryinshi ryatumye utura hasi abaguhagurukiye,

Watumye umujinya wawe ubakongeza nk’ibitsinsi by’inganagano.

Umwuka wo mu mazuru yawe warundanije amazi,

Amazi yatembaga yema nk’ikirundo,

Imuhengeri muri nyina w’inyanja haravura.

“Umubisha yaravuze ati ‘Ndabakurikira mbafatīre, nyage iminyago nyigabane,

Nzabimariraho agahinda,

Nzakura inkota, ukuboko kwanjye kubarimbure.’ Wahuhishije umuyaga wawe inyanja irabarengera:

Barokera nk’icyuma cy’isasu mu mazi y’umuvumba.

“Uwiteka, mu byitwa imana hari ihwanye nawe?

Ni iyihe ihwanye nawe?

Kwera kwawe ni ko kuguhesha icyubahiro,

Ishimwe ryawe rituma abantu bagutinya kuko ukora ibitangaza!

Warambuye ukuboko kw’iburyo isi irabamira.

Ku bw’imbabazi zawe wagiye imbere y’abantu wacunguye,

Wabayoboje imbaraga zawe inzira ijya mu buturo bwawe bwera.

Amahanga yarumvise ahinda imishyitsi,

Ubwoba bufata abatuye i Filisitiya.

Icyo gihe abatware ba Edomu baratangara,

Intwari z’i Mowabu zifatwa no guhinda imishyitsi,

Abatuye i Kanāni bose barayagāra.

Ubwoba no gutinya bizabafata, Gukomera k’ukuboko kwawe

kuzabajunjika nk’ibuye.

Uwiteka, bageze aho ubwoko bwawe buzarengera urugabano,

Bageze aho ubwoko wacunguye buzarurengera.” {AA 189.1}

(Kuva 15:1-16).

{AA 189}

Iyo ndirimbo y’igitangaza yasohokaga muri iyo mbaga y’ubwoko bw’Abisiraheli imeze nk’ijwi ry’imuhengeri. Yaterwaga n’abagore b’Abisiraheli, Miriyamu, mushiki wa Mose ari imbere yabo ubwo bagendaga bavuza ingoma kandi babyina. Kure mu butayu no ku nyanja humvikanaga iyo ndirimbo y’umunezero kandi imisozi yirangiraga amagambo yo gusingiza kwabo bati: “Ndaririmbira Uwiteka, kuko yanesheje bitangaje.” {AA 189.2}

Iyi ndirimbo ndetse no gucungurwa gukomeye yibutsaga, byiyanditse mu mitima yabo ku buryo itashoboraga guhanagurika mu ntekerezo z’Abaheburayo. Uko ibihe byagiye bisimburana iyi ndirimbo yagiye isubirwamo n’abahanuzi n’abaririmbyi b’Abisiraheli, bahamya ko Yehova ari we mbaraga no gucungurwa kw’abamwiringira. Ntabwo iyo ndirimboari iy’ubwoko bw’Abayuda gusa. Yerekeza ku kurimburwa kw’abanzi bose b’ubutungane ndetse no ku kunesha guheruka kwa Isiraheli y’Imana. Umuhanuzi w’i Patimo yabonye imbaga y’abantu bambaye amakanzu yera batabarutse batsinze, bahagaze ku “nyanja y’ibirahuri bivanze n’umuriro,” “bafite inanga z’Imana, baririmba indirimbo ya Mose, imbata y’Imana, n’indirimbo y’Umwana w’Intama” (Ibyahishuwe 15:2,3). {AA 189.3}

“Ntabe ari twe, Uwiteka ntabe ari twe, ahubwo izina ryawe ari ryo uha icyubahiro, kubw’imbabazi zawe n’umurava wawe.” (Zaburi 15:2,3). Uwo ni wo mwuka wari

wuzuye indirimbo y’Abisiraheli yo gucungurwa, kandi ni nawo mwuka ukwiriye kuba mu mitima y’abantu bose bakunda Imana kandi bakanayubaha. Ubwo Imana yavanaga ubugingo bwacu mu bubata bw’icyaha, yatuzaniye agakiza karuta ak’Abaheburayo baboneye ku Nyanja Itukura. Nk’uko Abaheburayo babigenje, dukwiriye gusingiza Uwiteka n’umutima n’ubugingo n’ijwi “kubera imirimo itangaje yakoreye abana b’abantu.” Abantu bazirikana imbabazi zitangaje z’Imana kandi bakita cyane ku mpano nto cyane ibaha, bazakenyera ishimwe maze baririmbire Uwiteka mu mitima yabo. Imigisha ya buri munsi tubona ivuye mu biganza by’Imana, kandi hejuru ya byose urupfu rwa Yesu rwabereyeho gutuma umunezero n’ijuru biba ibyacu, bikwiriye kuba intero y’ishimwe ryacu rihoraho. Mbega impuhwe, mbega urukundo rutagira uko rusa Imana yatugaragarije, twe abanyabyaha bazimiye, ubwo yaduhuzaga na yo, kugira ngo tuyibere ubutunzi bw’umwihariko! Mbega igitambo Umucunguzi wacu yatanze kugira ngo tubashe kwitwa abana b’Imana! Dukwiriye gusingiza Imana kubw’ibyiringiro by’umugisha byaduteguriwe mu nama ikomeye y’agakiza. Dukwiriye gusingiza Imana kubw’umurage w’ijuru ndetse no kubw’amasezerano yayo meza; tuyisingirize ko Yesu ariho kugira ngo adusabire. {AA 190.1}

Umuremyi aravuga ati: ‘Untambira ishimwe wese aba anyubahiriza.” (Zaburi 50:23). Abatuye mu ijuru bose bafatantiriza hamwe gusingiza Imana. Nimucyo twige iyo ndirimbo y’abamarayika ubu, kugira ngo tuzayiririmbe ubwo tuzaba turi kumwe nabo barabagirana. Nimucyo tuvugire hamwe n’Umunyazaburi tuti: “Nzajya nshima Uwiteka nkiriho, nzajya ndirimbira Imana yanjye ngifite ubugingo.” “Mana, amoko agushime; amoko yose agushime.” Zaburi 146:2; 67:5. {AA 190.2}

Imana mu buntu bwayo yazanye Abaheburayo mu misozi ya kure bugufi bw’inyanja kugira ngo ibashe kwerekana ububasha bwayo mu kubacungura kandi ngo ku mugaragaro icishe bugufi ubwibone bw’ababakoreshaga agahato. Yashoboraga kuba yarabakijije ikoresheje ubundi buryo, ariko yahisemo ubu buryo kugira ngo igerageze kwizera kwabo kandi yongerere imbaraga icyizere bayigiriraga. Abo bantu bari bananiwe kandi bafite ubwoba, nyamara iyo baza kwanga ntibagende ubwo Mose yababwiraga kugenda, Imana ntiyari kubacira inzira. “Kwizera ni ko kwatumye baca mu Nyanja Itukura, nk’abaca ku musozi” (Abaheburayo 11:29). Igihe bamanukaga bakegera ayo mazi rwose, berekanye yuko bizeye Ijambo ry’Imana Mose yababwiye. Bakoze ibyo bashoboye gukora byose, maze Umunyambaraga wa Isiraheli agahanya inyanja kugira ngo babone aho baca.

{AA 190.3}

Icyigisho gikomeye cyatanzwe aha ni icy’ibihe byose. Kenshi imibereho ya Gikristo yugarizwa n’ingorane, kandi inshingano zigasa naho kuzuzuza bikomeye. Ibyo twibwira bitwereka kurimbuka kwegereje ndetse n’ububata cyangwa urupfu biri

inyuma yacu. Nyamara ijwi ry'Imana rivuga mu burvo bwumvikana riti : "Jya mbere." Dukwiriye kumvira iri tegeko nubwo amaso yacu adashobora kwahuranya mu mwijima kandi tukumva amazi akonje asatiriye ibirenge byacu. Inkomyi zibangamira urugendo rwacu ntizizigera zibura imbere y'umuntu udakomeza urugendo kandi ushidikanya. Abantu batindiganya kumvira kugeza ubwo igihu cyose cyo gushidikanya kizavaho, kandi ngo ntihabe hakiriho uburyo bwo kunanirwa cyangwa gutsindwa, bene abo ntibazigera bumvira na rimwe. Ukutizera kongorera abantu kugira kuti: "Nimucyo dutegereze kugeza ubwo inzitizi zose zikurwaho, ubwo ni bwo dushobora kubona neza inzira ducamo;" ariko ukwizera gutegeka kujya mbere mu butwari, wiringiye ko ibintu byose bishoboka kandi ubyizeye. {AA 190.4}

Igicu cyari inkingi y'umwijima ku Banyamisiri, ku Baheburayo cyari umucyo mwinshi, wamurikiraga inkambi yose, kandi warasaga mu nzira banyuragamo. Uko ni ko mu byo Imana igirira abatizera habonekamo umwijima no kwiheba mu gihe mu byo igirira abiringira huzuyemo umucyo n'amahoro. Inzira Imana ituyoboramo ishobora kunyura mu butayu cyangwa mu nyanja, nyamara ni inzira itekanye.

{AA 191.1}

IGICE CYA 26 - URUGENDO RWO KUVA KU NYANJA ITUKURA UKAGERA KURI SINAYI

Abisiraheli bongeye gukomeza urugendo rwabo bava ku Nyanja Itukura bayobowe na ya nkingi y'igicu. Ibyari bibakikije byari ibintu bibabaje cyane — imisozi yambaye ubusa kandi y'uruharabuge, ibibaya by'ubukuna, ndetse n'inyanja yari irambuye hakurya, inkombe zayo zari zinyanyagiyeho imirambo y'abanzi babo; nyamara Abisiraheli bari basabwe n'ibyishimo kubera yuko bavuye mu buretwa, kandi igitekerezo cyose cyo kwitotomba cyahosheje.

{AA 192.1}

Ariko bamaze kugenda iminsi itatu babuze amazi. Impamba bari baritwaje yari imaze gushira. Ntibari bafite icyacubya inyota igurumana ubwo bagendaga bananiwe cyane mu bibaya byumagajwe n'izuba. Mose wari uzi neza ako karere, yari azi ibyo abandi batazi. Yari azi ko i Mara, hafi yaho bari bageze, hari amasoko nyamara amazi yayo ntiyakoreshwaga. Afite agahinda kenshi mu mutima, Mose yahanze amaso cya gicu cyabayoboraga. Ni bwo yumvaga urusaku rwinshi ruturutse mu bantu n'ibyishimo ngo :

« Amazi! Amazi ! » Ubwo abagabo, abagore n’abana bihuta banezerewe bateranira kuri ya soko, noneho humvikana gutaka gutewe n’umubabaro kuko ya mazi yaruraga. {AA 192.2}

Muri uwo mubabaro no kwiheba kwabo, bitotombera Mose kuba yarabayoboye muri iyo nzira, bibagirwa yuko Imana iri kumwe na bo muri cya gicu kidasanzwe ari yo yagiye imuyobora nk’uko na bo yabayoboraga. Ubwo yari ababajwe n’ibyari bibahangayikishije Mose yakoze icyo bari bihagiwe gukora: Yatakiye Imana ashishikaye kugira ngo ibafashe. “Uwiteka amwereka igiti, akijugunya muri ayo mazi, ahinduka meza.” Aho ni ho Abisiraheli baherewe isezerano rinyujijwe muri Mose ngo : « Nugira umwete wo kumvira Uwiteka Imana yawe, ugakora ibitunganye mu maso yayo, ukumvira amategeko yayo, ukitondera ibyo yategetse byose, nta ndwara nzaguteza mu zo nateje Abanyegiputa; kuko ari jye Uwiteka, ugukiza indwara. ” {AA 192.3}

Bavuye i Mara berekeza Elimu, aho basanze “amasoko cumi n’abiri y’amazi, n’imikindo mirongo irindwi.” Aho bahamaze iminsi myinshi mbere y’uko binjira mu butayu bw’i Sini. Hashize ukwezi kumwe bavuye mu Egiputa, babambye amahema yabo mu butayu. Noneho ibyo kurya byabo bitangira gushira. Mu butayu harimo ubwatsi buke cyane, bityo imikumbi n’amashyo byabo bitangira kugabanuka. Mbese abo bantu benshi cyane bangana batyo bajyaga kugaburirwa bate? Gushidikanya kuzuye imitima yabo, maze bongera kwivovota. Ndetse n’abategetsi n’abakuru babo nabo bafatanyije n’abandi kwitotombera abayobozi bashyizweho n’Imana: “Iyo twicirwa n’Uwiteka mu gihugu cya Egiputa, tucyicaye ku nkono z’inyama, tukirya ibyo kurya tugahaga; none mwadukuyeyo mutuzanira muri ubu butayu kutwicisha inzara n’iri teraniro ryose.” {AA 192.4}

Bari bataricwa n’inzara; ibyo babaga bakeneye icyo gihe barabihabwaga, ariko batinyaga ahazaza. Ntibashoboraga kwiyumvisha uburyo imbaga y’abantu bangana batyo bashobora kubaho mu rugendo rwabo banyura mu butayu, maze mu mitekerereze yabo babona abana babo bibasirwa n’inzara. Uwiteka yemeye ko ingorane zibugariza, kandi n’ibyo kurya bigabanuka kugira ngo imitima yabo imugarukire, we kugeza ubwo wari warababereye Umucunguzi. Iyo mu bukene bwabo bamutakira, yajyaga gukomeza kubagaragariza ibimenyetso by’urukundo rwe n’uko abitaho. Imana yari yarasezeranye ko nibumvira amategeko yayo, nta ndwara yajyaga kubazaho, kandi ukutizera kwabo gutewe n’icyaha ni kwabateye kwibwira ko bo ubwabo n’abana babo bazicwa n’inzara. {AA 192.5}

Imana yari yarasezeranye ko izaba Imana yabo, ikabitaho nk’ubwoko bwayo, kandi ikabayobora ikabajyana mu gihugu kigari kandi cyiza; ariko bari biteguye gucika intege igihe cyose bahuraga n’inkomyi mu nzira berekeza muri icyo gihugu. Mu buryo

bw’igitangaza, Imana yari yarabakuye mu bubata bwo mu Misiri kugira ngo ibakuze, ibakomeze kandi ibagire igisingizo mu isi. Nyamara byari ngombwa ko bahura n’ingorane kandi bakihanganira ubukene. Imana yabakuraga aho bari barasigingiye ibategurira kuba ahantu h’icyubahiro mu mahanga yose ndetse no kugira ngo bakire umurage w’ingenzi kandi watoranyijwe. Iyo bagira kwizera Imana, bashingiye kubwo yabakoreye byose, bari kugira ubutwari bakihanganira ibibarushya, ubukene, ndetse n’umubabaro ubwawo; nyamara ntibashakaga gukomeza kwiringiraUwiteka igihe batabonaga ibihamya bihoraho by’imbaraga ze. Bibagiwe imirimo y’agahato bakoreye Misiri. Bibagiwe ineza y’Imana n’imbaraga zayo bagaragarijwe ubwo bakurwaga mu buretwa. Bibagiwe uburyo abana babo barokotse ubwo umumarayika urimbura yicaga imfura zose zo mu Misiri. {AA 193.1}

Bibagiwe ukwigaragaza gukomeye kw’imbaraga y’Imana ubwo bari bageze ku Nyanja Itukura. Bibagiwe ko igihe bambukaga mu mahoro banyuze mu nzira yari ibafunguriwe, ingabo z’abanzi babo zarengewe n’amazi y’inyanja ubwo zageragezaga kubakurikira. Babonaga kandi bakumva ibyago n’ibigeragezo by’ako kanya bibugarije; kandi aho kugira ngo bavuge bati: “Imana yadukoreye ibikomeye; tukiri abaretwa, irashaka kuduhindura ubwoko bukomeye,” bavugaga uko inzira bacamo ibaruhije, kandi bakibaza igihe urugendo rwabo ruruhije ruzarangirira. {AA 194.1}

Amateka y’imibereho y’Abisiraheli mu butayu yanditswe kubw’inyungu za Isiraheli y’Imana kugeza ku iherezo ry’ibihe. Amateka y’uburyo Imana yagenjereje Abisiraheli bazereraga mu butayu mu rugendo rwabo bakubita hirya no hino, mu guhura n’inzara n’inyota n’umunaniro kwabo, ndetse no mu kwigaragaza gukomeye kw’imbaraga yayo kugira ngo ibahembure, yuzuye imiburo n’impuguro ku bwoko bwayo bwo mu bihe byose. Ibyabaye ku Baheburayo bitandukanye byari ishuri bategurirwagamo kuzaba aho basezeraniwe muri Kanani. Imana yifuza ko muri iki gihe ubwoko bwayo bwongera kwigana umutima woroheje n’umwuka wemera kwigishwa, bukareba ibigeragezo Isiraheli ya kera yanyuzemo, kugira ngo bubashe guhwiturwa mu mwiteguro wabwo wo kujya muri Kanani yo mu ijuru. {AA 194.2}

Abantu benshi basubiza amaso inyuma bakareba Abisiraheli maze bagatangazwa no kutizera kwabo. Bumva yuko bo batajyaga kuba indashima; ariko iyo kwizera kwabo kugeragejwe, n’ubwo byaba ari ibigeragezo byoroheje, ntibagaragaza kwizera cyangwa kwihangana kurusha uko Abisiraheli ba kera babigenje. Iyo bagejejwe mu nzira y’impatanwa, binubira uburyo bwo kubatunganya Imana yahisemo. Nubwo ibyo bakeneye ubu babihabwa, benshi ntibaba bashaka kwiringira Imana kubw’igihe kizaza, ndetse bahora bahagaritse umutima w’uko ubukene bushobora kuzabazaho maze bagasiga abana babo mu magorwa. {AA 194.3}

Bamwe bahora bikanga ibibi bishobora kubabaho cyangwa se n’ingorane zihari

bakazikuriririza ku buryo amaso yabo aba impumyi ntibabone imigisha myinshi bakwiriye gushimira Imana. Aho kugira ngo imbogamizi bahura nazo zibatere gushaka ubufasha buturuka ku Mana, yo soko rukumbi y'imbaraga, zibatandukanya na yo kuko bibatera kwinuba no kubura amahwemo. {AA 194.4}

Mbese dukwiriye kuba abatizera dutyo? Kuki dukwiriye kuba indashima n'abatiringira? Yesu ni incuti yacu; ijuru ryose rishishikajwe n'uko tumererwa neza; kandi inkeke n'ubwoba tugira bibabaza Mwuka Wera w'Imana. Ntitwari dukwiriye gutwarwa n'ibiduhangayikisha bikaduca intege, kandi bitadufasha kwihanganira ibigeragezo. Nta mwanya wari ukwiriye guhabwa uko kutiringira Imana kutuyobora kwitegura guhangana n'ubukene bw'ahazaza maze tukabigira iintego y'ingenzi dukurikiranye mu buzima nk'aho umunezero wacu ushingiye muri ibi bintu by'isi. Si ubushake bw'Imana ko abantu bayo baremererwa n'ibibahgarika umutima. Nyamara kandi Umwami wacu ntatubwira yuko nta ngorane ziri mu nzira tunyuramo. Ntabwo asezeranira ubwoko bwe kubukura mu isi y'icyaha n'ikibi, ariko atwereka ubuhungiro butanyeganyezwa. Ararika abarushye n'abaremerewe avuga ati: "Mwese abarushye n'abaremerewe nimuze munsange, ndabaruhura." Nimuture umutwaro wo guhagarika umutima no guhangayikishwa n'iby'isi mwikoreye, maze "mwemere kuba abagaragu banjye, munyigireho; kuko ndi umugwaneza kandi noroheje mu mutima; namwe muzabon uburuhukiro mu mitima yanyu" (Matayo 11.28,29). Dushobora kubona ikiruhuko n'amahoro mu Mana, tukayitura amaganya yacu yose, kuko yita kuri twe. (Soma 1Petero 5:7). {AA 194.5}

Intumwa Pawulo aravuga ati: "Nuko bene Data, mwirinde, hatagira uwo muri mwe ugira umutima mubi utizera, umutera kwimura Imana ihoraho" (Abaheburayo 3:12). Turebye ibyo Imana yadukoreye byose, ukwizera kwacu kwagombye gukomera, kugakora kandi kutadohoka. Aho kwinuba no kwitotomba, imvugo y'imitima yacu ikwiriye kuba iyi ngo: "Mutima wanjye, himbaza Uwiteka; mwa bindimo byose mwe, nimuhimbaze izina rye ryera. Mutima wanjye, himbaza Uwiteka; ntiwibagirwe ibyiza yakugiriye byose." Zaburi 103:2. {AA 195.1}

Imana yari izi ubukene bw'Abisiraheli. Yabwiye umuyobozi wabo iti: "Dore ndabavubira ibyokurya bimanutse mu ijuru." Ikindi kandi hatanzwe amabwiriza y'uburyo abantu bazajya batoragura ibyo bakeneye bya buri munsi, ku munsi wa gatandatu bagatoragura incuro ebyiri kugira ngo kubahiriza Isabato kwera kubone uko gukomeza kubaho. {AA 195.2}

Mose yahamirije iteraniro ryose ko bari buhabwe ibyo bakeneye muri aya magambo: "Uwiteka ari bubahe inyama zo kurya nimugoroba, mu gitondo akazabaha ibyo murya mugahaga." {AA 195.3}

Yongeyeho ati: "Natwe turi iki? Si twe mwivovotera, ahubwo Uwiteka ni we

mwivovotera.” Mose yabwiye Aroni kubabwira ati: “Nimwigire hafi imbere y’Uwiteka kuko yumvise ibyo mwivovota,” Aroni akibwira iteraniro, “berekeza amaso mu butayu, babona ubwiza bw’Uwiteka bubonekeye muri cya gicu.” Ukurabagirana batari barigeze babona kwerekanaga ko Imana iri aho hantu. Binyuze mu byo berekwaga, bagombaga kunguka kumenya Imana. Bagombaga kwigishwa yuko Isumbabyose ari yo muyobozi wabo, ko atari Mose namba, ahubwo ko bagomba gutinya izina ry’Isumbabyose kandi bakumvira ijwi ryayo. {AA 195.4}

Nimugoroba inkambi yabo yari izengurutswe n’inturumbutsi nyinshi cyane zikwiriye kubagaburira bose. Bukeye hasi hari “utuntu duto dusa n’ikime.” Twasaga nk’utubuto duto dusa n’ikime. Abantu batwise ‘manu.” Mose yaravuze ati: “Ibyo ni ibyokurya Uwiteka abahaye ngo murye.” Abantu batiraguye manu kandi babona ko ari nyinshi cyane bihagije abantu bose. “Barayisyaga cyangwa bakayisekura, bakayiteka mu nkono, bakayihindura udutsima.” (Kubara 11:8). “Yaryohaga nk’umutsima usa n’ibango, uvuganywe n’ubuki.” {AA 195.5}

Babwiwe gutoragura buri munsi ibingana nka litiro ebyiri kuri buri muntu; kandi ntibagombaga kubiraza. Bamwe bagerageje kugira ibyo babika barabiraza, nyamara bwaracyaga bagasanga bitagikwiriye kuribwa. Ibyokurya by’uwo munsi byagombaga gutoragurwa mugitondo, kuko ibyasigaraga hasi byose byashongeshwaga n’izuba. {AA 195.6}

Mu gutoragura manu byagaragaye ko bamwe batoraguye byinshi abandi batoragura bike ku rugero rwari rugenwe; ariko “uwateranyije byinshi ntiyagira icyo atubukirwa; uwateranyije bike ntiyagira icyo atubirwa.” Ubusobanuro bw’iri somo ndetse n’icyo ryigisha gifatika dukuramo, bitangwa n’intumwa Pawulo mu Rwandiko rwe rwa kabiri yandikiye Abanyakorinto. Aravuga ati: “Simvugiye ntyo kugira ngo abandi boroherezwe namwe ngo murushywe, ahubwo ni ukugira ngo munganye, ngo ibibasagutse muri iki gihe bihabwe abandi mu bukene bwabo, kandi ngo ibizasaguka ba bandi na byo muzabihabwe mu bukene bwanyu, munganye nk’uko byanditswe ngo “Uwatoraguye byinshi nta cyo yatubukiwe, kandi ‘uwatoraguye bike nta cyo yatubiwe.” ” (2Abakorinto 8:13-15). {AA 195.7}

Ku munsi wa gatandatu abantu batoraguye ibingana nka litiro enye. Abakuru bihutiye kubwira Mose ibyari byakozwe. Yarabasubije ati: “Ibyo ni byo Uwiteka yavuze ati: ‘Ejo uzaba umunsi wo kuruhuka, isabato yejerejwe Uwiteka: mwotse icyo mushaka kotsa, muteke icyo mushaka guteka; ibisaze mubibike, birare bigeze mu gitondo.” Babigenje batyo, kandi basanze yuko ntacyo byabaye. “Mose arababwira ati, “Uyu munsi murye ibi; kuko none ari isabato y’Uwiteka; uyu munsi ntimubibona mu gasozi. Mu minsi itandatu mujye mubiteranya, ariko uwa karindwi ni wo sabato, kuri wo ntibizajya biboneka.” {AA 196.1}

Imana isaba ko muri iki gihe umunsi wayo wera yitoranyirije wubahirizwa nko mu gihe cy'Abisiraheli. Itegeko ryahawe Abaheburayo rikwiriye kubahirizwa n'Abakristo bose nk'itegeko ridakuka Yehova abahaye. Umunsi ubanziriza Isabato ukwiriye kugirwa uwo kwitegura, kugira ngo ikintu cyose kibe giteguye mu masaha yayo yera. Nta mpamvu n'imwe ikwiriye gutuma imirimo yacu bwite ikomeza kuvogera amasaha yera. Imana yavuze ko abarwayi n'abababaye bakwiriye kwitabwaho; umurimo ukorwa kugira ngo bamererwe neza ni umurimo w'imbabazi, kandi ntabwo ari ukwica Isabato; ariko imirimo yose itari ngombwa ikwiriye kwirindwa. Abantu benshi batabyitayeho bagenda basubika uturimo duto bakadukora isabato yatangiye kandi twagombye kuba twakozwe ku munsi wo kwitegura. Ibi ntibyari bikwiriye kubaho. Umurimo utitaweho kugeza ubwo Isabato itangira uba ukwiriye kurekwa kugeza ubwo irangira. Ibi byagombye gufasha intekerezo z'abo bantu batagira icyo bitaho, kandi bikabatera kwitonda bagakora imirimo yabo bwite mu minsi itandatu y'imirimo. {AA 196.2}

Buri cyumweru mu gihe kirekire bamaze mu butayu, Abisiraheli babonye igitangaza gikubiyemo imigabane itatu, cyabereyeho kumvisha intekerezo zabo ukwera kw'Isabato: ku munsi wa gatandatu haguye manu y'iminsi ibiri, ku wa karindwi nta yaguye, kandi iyari ikenewe ku Isabato yakomeje kuryoha no kuba nzima mu gihe iyo hagiraga ibikwa mu kindi gihe yaboraga ntibe yaribwa. {AA 196.3}

Mu byerekeranye no gutangwa kwa manu, dufite ibihamya bidashidikanywaho ko, nk'uko abantu benshi babivuga, Isabato itashyizweho igihe amategeko yatangwaga kuri Sinayi. Abisiraheli bataragera kuri Sinayi bari basobanukiwe ko kuziririza Isabato ari ngombwa kuri bo. Ubwo basabwaga gutoragura incuro ebyiri za manu kuri buri wa gatandatu mu rwego rwo kwitegura Isabato, aho ku Isabato itashoboraga kugwa, ukwera k'umunsi wo kuruhuka yakomeje kwinjira mu ntekerezo zabo. Kandi igihe abantu bamwe bajyaga gutoragura manu ku Isabato, Uwiteka yarabajije ati: "Muzageza he kwanga kwitondera amategeko yanjye n'ibyo nategetse?" {AA 196.4}

"Abisiraeli barya manu imyaka mirongo ine, bageza aho bagereye mu gihugu kibabwamo n'abantu; barya manu, bageza aho bagereye ku rugabano rw'igihugu cy'i Kanani." Kubw'uku kugaburirwa mu buryo bw'igitangaza, bamaze imyaka mirongo ine bibutswa buri munsi ko Imana itabura kubitaho kandi ko ibakunda urukundo rutarondoreka. Mu magambo y'umuhimbyi wa zaburi, Imana yabagaburiye "umugati uturutse mu ijuru. Barya ku byokurya by'abamarayika" (Zaburi 78:24, 25) - ni ukuvuga yuko byari ibyokurya bahawe n'abamarayika. Muri uko kugaburirwa ibyokurya bivuye mu ijuru, buri munsi bigishwaga ko kuva bafite isezerano ry'Imana, bari bafite icyizere ko ntacyo bazabura nk'aho bazengurutswe n'imirima yeze impeke yo mu bibaya birumbuka by'i Kanani. {AA 196.5}

Manu yagwaga ivuye mu ijuru kugira ngo itunge Abisiraheli, yashushanyaga wa wundi

wavuye ku Mana aje guha abari mu isi ubugingo. Yesu yaravuze ati: “Ni jye mutsima w’ubugingo. Ba sekuruza wanyu bariraga manu mu butayu, nyamara barapfuye: uyu ni wo mutsima umanuka uva mu ijuru . . . Umuntu narya uwo mutsima, azabaho iteka ryose: kandi umutsima nzatanga ku bw’abari mu isi kugira ngo babone ubugingo, ni umubiri wanjye” (Yohana 6:48-51). Kandi mu masezerano y’imigisha yahawe ubwoko bw’Imana ku byerekeye imibereho y’igihe kizaza handitswemo aya magambo ngo: “Unesha, nzamuka kuri manu yahishwe.” (Ibyahishuwe 2:17). {AA 196.6}

Bavuye mu butayu bw’i Sini, Abisiraheli babambye amahema yabo i Refidimu. Aho nta mazi yari ahari, maze bongera kutiringira ubuntu bw’Imana. Mu buhumyi bwabo no kwihandagaza, abantu basanze Mose baramubwira bati: “Duhe amazi tunywe.” Nyamara ukwihangana kwa Mose ntikwacogoye. Yarababajije ati: “Murantonganiriza iki? Kuki mugerageza Uwiteka?” Basakuje barakaye bati: “Ni iki cyatumye udukurira mu Egiputa kugira ngo utwicishanye inyota n’abana bacu n’amatungo yacu?” Igihe bahabwaga ibyokurya byinshi, bibutse kutizera no kwivovota kwabo bakorwa n’isoni, maze basezerana yuko baziringira Uwiteka mu bihe bizaza; ariko bidatinze bibagiwe iryo sezerano batanze maze batsindwa ikigeragezo cya mbere cyo kwizera kwabo. Inkingi y’igicu yabayoboraga yasaga nk’aho ikingirije ikintu kitazwi giteye ubwoba. Baribazaga bati, “Mbese Mose ni muntu ki? Umugambi we wo kubakura mu Misiri waba wari uwuhe?” Gukeka no kutiringira byuzuye imitima yabo, maze barihandagaza bamushinja ko, bo n’abana babo, yagambiriye kubicisha ubukene n’umuruho kugira ngo yikungahaze umutungo wabo. Bari bagiye kumutera amabuye ubwo bivumbagatanyaga babitewe n’umujinya.

{AA 197.1}

Mose ababaye atakira Uwiteka ati: “Aba bantu ndabagenza nte?” Yabwiwe kujyana abakuru b’Abisiraheli n’inkoni yari yarakoresheje ibitangaza mu Misiri, ngo bagende banyure imbere y’abantu. Maze Uwiteka aramubwira ati: “Nanjye ndahagarara imbere yawe hariya ku gitare cy’i Horebu; ukubite icyo gitare, amazi aravamo, abantu bayanywe.” Yabigenje atyo, maze amazi adudubiza nk’isoko ihaza abo bantu bose. Aho kugira ngo itegeke Mose kurambura inkoni ye ngo ahamagarire ibyorezo bikomeye kuri abo bayobozi muri uko kwivovota kwabo kubi, Imana mu mbabazi zayo nyinshi yatumye iyo nkoni iba igikoresho cyayo mu kubakura mu buretwa. {AA 197.2}

“Yasaturiye ibitare mu butayu, ibanywesha amazi menshi ava ikuzimu. Kandi yavushije amasoko mu gitare, itembesha amazi nk’imigezi” (Zaburi 78:15,16). Mose yakubise igitare, nyamara cyari Umwana w’Imana wari wikinze mu nkingi y’igicu, ahagarara iruhande rwa Mose, kandi atuma amazi atanga ubugingo atemba. Ntabwo Mose n’abakuru b’Abisiraheli ari bo gusa babonye ikuzo ry’Imana, ahubwo na rubanda rwose rwari ruhagaze rwitaruye. Nyamara iyo icyo gicu kiramuka kivuyeho, bari kwicwa no

kurabagirana gukomeye k’Uwari muri icyo gicu. {AA 197.3}

Ubwo bari bafite inyota, Abisiraheli bagerageje Imana bavuga bati : “Mbese Uwiteka ari hagati muri twe, cyangwa ntahari?” “Niba Uwiteka yaratuzanye hano, kuki ataduha amazi n’ibyokurya?” Kutizera bagaragaje kwari icyaha gikomeye, maze Mose atinya ko iteka ry’Imana rishobora kubageraho. Byatumye aho hantu ahita Masa, risobanura “kugerageza,” na Meriba, risobanura “intonganya,” nk’urwibutso rw’icyaha cyabo. {AA 197.4}

Akandi kaga gashya nako karabugarije. Kubera kwivovotera Uwiteka, yabateje abanzi babo. Abamaleki, bari abagome kandi bakunda kurwana, barabateye bica abari basigaye inyuma ku bwo kudandabirana no kunanirwa. Mose wari uzi ko iyo mbaga ititeuye kurwana, yategetse Yosuwa gutoranya mu miryango itandukanye umutwe w’ingabo maze akaziyobora bakajya kurwanya abanzi, mu gihe we ubwe yagombaga guhagarara ahirengeye hafi aho afashe inkoni y’Imana mu biganza bye. Babigenza batyo maze bucyeye Yosuwa n’ingabo ze batera umwanzi, naho Mose na Aroni, na Huri bari bahagaze mu mpinga y’umusozi bitegeye aho barwaniraga. Mose yasabiraga ingabo z’Abisiraheli kunesha, arambuye amaboko ye ayerekeje mu ijuru kandi yabaga afashe inkoni y’Imana mu kuboko kwe kw’iburyo. Uko urugamba rwakomezaga byaje kugaragara ko igihe cyose amaboko ye yabaga arambuye yerekeye mu ijuru, Abisiraheli baratsindaga; ariko iyo yayamanuraga, umwanzi yaraneshaga. Igihe Mose yari amaze kunanirwa, Aroni na Huri bafata amaboko ye barayakomeza ntagwe kugeza izuba rirenze ubwo umwanzi yabaga yirukanwe. {AA 197.5}

Igihe Aroni na Huri bashyigikiraga amaboko ya Mose, babaga beraka Abisiraheli inshingano yabo yo kumushyigikira mu murimo we wari ukomeye ubwo yajyaga kugezwaho amagambo aturutse ku Mana kugira ngo ayababwire. Nanone kandi igkorwa cya Mose cyari gifite icyo gisobanura. Byerekanaga ko Imana ifite kubaho kwabo mu biganza byayo. Igihe cyose bari kuyiringira, yajyaga kubarwanirira kandi ikanesha abanzi babo. Ariko igihe bari kureka kuyishingikirizaho, maze bakizera imbaraga zabo bwite, bajyaga kuba abanyantege nke kurusha n’abatari bazi Imana, bityo abanzi babo bakabatsinda. {AA 198.1}

Nk’uko Abaheburayo batsinda ubwo Mose yazamuraga amaboko ye ayerekeje mu ijuru kandi abasabira, ni nako Isiraheli y’Imana itsinda igihe kubwo kwizera yishingikiriza ku mbaraga z’Umutabazi wayo ukomeye. Nyamara imbaraga z’Imana zigomba kungikanywa n’umuhati w’abantu. Mose ntiyizeraga ko Imana izabaneshereza Abisiraheli bo nta cyo bakoze. Ubwo uwo muyobozi ukomeye yingingaga Uwiteka, Yosuwa n’abantu be b’intwari babaga bakoresha imbaraga zabo zose kugira ngo basubize inyuma umwanzi wa Isiraheli n’Imana.

{AA 198.2}

Abamaleki bamaze gutsindwa, Imana yategetse Mose iti: “Andika ibi mu gitabo bibe urwibutso, ubibwire Yosuwa, yuko nzakuraho rwose kwibukwa kw’Abamaleki, bakibagirana mu bo munsi y’ijuru bose.” Mose agiye gupfa yahaye ubwoko bwe iyi nshingano ikomeye ati: “Uhore wibuka ibyo Abamaleki babagiriye mu rugendo, ubwo mwavaga mu Egiputa; uko babasanganiriraga mu rugendo, bakica ab’inyuma banyu, abatakaye inyuma bose b’abanyantegenke, ubwo mwananirwaga mukaruha, ntibatinye Imana.... uzaba ukwiriye gukuraho rwose kwibukwa kw’Abamaleki, ngo bibagirane mu bo munsi y’ijuru bose, ntuzabyibagirwe” (Gutegeka kwa Kabiri 25:17-19). Ku byerekeye aba bantu b’inkozi z’ibibi, Uwiteka yarahiriye ko “... azajya arwanya Abamaleki ibihe byose.” Kuva 17-16. {AA 198.3}

Abamaleki ntibari bayobewe imico y’Imana cyangwa ubutegetsi bwayo, nyamara aho kugira ngo batinyire imbere yayo, biyemeje gusuzugura ububasha bwayo. Ibitangaza Mose yakoreye imbere y’Abanyamisiri, Abamaleki babigize urw’amenyo kandi ubwoba bw’amahanga yari abakikije barabusuzugura. Barahiriye imbere y’ibigirwamana byabo ko bazarimbura Abaheburayo ku buryo nta n’umwe wagombaga kurokoka, kandi birata yuko Imana ya Isiraheli itazashobora kubatsinda. {AA 198.4}

Abisiraheli ntibari babashotoye cyangwa ngo babagirire nabi. Gutera kwabo ntikwatewe n’uko bari benderejwe. Kwerekana uko banga Imana n’uko bayisuzugura ni byo byabateye gushaka kurimbura ubwoko bwayo. Abamaleki bari baramaze igihe kirekire ari abanyabyaha bikabije, kandi ibyaha byabo byari byarahamagaye Imana ngo ize ibahore, nyamara imbabazi z’Imana {AA 198.5}

zari zarakomeje kubahamagarira kwihana; ariko ubwo abagabo b’Abamaleki bateraga Abisiraheli bari bananiwe kandi batarwana, Abamaleki bahamije iteka ubwoko bwabo buzacirwaho. Imana yitaye cyane ku banyantegenke cyane kurusha abandi bo mu bana bayo. Nta gikorwa cy’ubugome cyangwa gutotezwa kibakorewe kitandikwa n’ijuru. Abantu bose bakunda Imana kandi bakayubaha, ukuboko kwayo kurambuye imbere yabo nk’ingabo. Mureke abantu bitonde kugira ngo badakubita uko kuboko kw’Imana; kuko gufashe inkota y’ubutabera. {AA 199.1}

Hafi y’aho Abisiraheli bari babambye amahema hari hatuye Yetiro, sebukwe wa Mose. Yetiro yari yarumvise uko Abaheburayo bakuwe mu bubata, maze noneho ajya kubasura ndetse ashyiriye Mose umugore we n’abahungu be babiri. Mose, umuyobozi ukomeye yabwiwe n’intumwa iby’uko bageze hafi, maze ajya kubasanganira anezerewe, amaze kubaramutsa abinjiza mu ihema rye. Yari yarohoreje umuryango ubwo yafataga inzira y’akaga akajya gukura Abisiraheli mu Misiri, nyamara noneho yashoboraga kongera kunezezwa no guhumurizwa no kubabana nabo. Mose yabwiye Yetiro ibitangaza Uwiteka yakoreye Abisiraheli, maze uwo musaza arishima kandi asingiza Uwiteka bityo afatanya na Mose n’abakuru b’Abisiraheli gutamba igitambo no

gukora ibirori bikomeye mu rwego rwo kwizihiza imbabazi z'Imana. {AA 199.2}

Yetiro akiri aho mu ngando, yahise abona uburyo inshingano Mose yikoreye ziremereye. Gutuma muri iyo mbaga ingana ityo irimo abantu b'injiji, batagira ikinyabupfura habaho gahunda n'ikinyabupfura, byari inshingano itoroshye. Mose niwe wari umuyobozi wabo uzwi ndetse abababera n'umucamanza, kandi uretse inyungu rusanze z'abantu n'inshingano zabo, impaka nazo zavukaga hagati muri bo ni we wazikiranuraga. Yari yaremeye ko ibi bibaho kuko byamuhaga umwanya wo kubigisha nk'uko yabyivugiye ati: " … mbamenyesha amategeko y'Imana n'ibyo yategetse." Ariko Yetiro ntiyabishima aramusubiza ati: " … kuko binaniranye biruta ibyo washobora gukora wenyine." "Ntuzabura gucika intege." Bityo, Yetiro yagiriye Mose inama yo gutoranya abantu bashoboye akabagira abayobozi b'igihumbi igihumbi, abandi bakayobora ijana ijana n'abandi bakayobora icumi cumi. Bagombaga kuba abantu "bubaha Imana, inyangamugayo, banga impongano." Abo bagombaga guca imanza zose zidakomeye, naho iziruhije n'izikomeye cyane bagakomeza kuzizanira Mose, wagombaga kuba umushyikirwa w'amagambo w'abantu n'Imana, akajya ashyira Imana imanza zabo. Kandi yaramubwiye ati: " ujye ubereka inzira bakwiriye gucamo n'imirimo bakwiriye gukora." Iyo nama yaremewe kandi ntiyorohereje Mose gusa, ahubwo yanazanye gahunda nziza mu bantu.

{AA 199.3}

Imana yari yarahaye Mose icyubahiro gikomeye kandi yari yarakoresheje ukuboko kwe ibitangaza; ariko kuba yari yaratoranyijwe kugira ngo ahe abandi amabwiriza, ntibyatumye yibwira ko we ubwe adakeneye kugirwa inama. Umuyobozi w'Abisiraheli watoranyijwe yateganye amatwi ubwuzu inama z'umutambwi w'i Midiyani wubahaga Imana, kandi ayikurikiza nk'inama nzima. {AA 199.4}

Bavuye i Refidimu bakomeza urugendo rwabo, bakurikiye ya nkingi y'igicu. Inzira baciyemo yabanyujije mu bibaya by'ubutayu, mu bihanamanga, no mu mikokwe y'ibitare. Incuro nyinshi uko bambukiranyaga ubutayu bwuzuye umusenyi, imbere yabo bahabonaga imisozi yambaye ubusa imeze nk'iyabakingira akaga, ihagaze mu nzira berekezagamo kandi yasaga n'aho itabemerera gukomeza urugendo rwabo. Ariko uko barushagaho kwegera iyo misozi, babonaga inzira zikinguka hirya no hino muri iyo misozi, maze hirya yayo bakahabona ikindi kibaya. Noneho banyuzwaga muri imwe mu nzira zirimo utubuye duto. Byari ibintu bitangaje. Hagati y'impinga z'imisozi y'uruharabuge ni ho imbaga y'Abisiraheli yanyuraga izamuka ari uruhererekane bari kumwe n'amashyo n'imikumbi yabo. Bagiye kubona babona imbere yabo hahagaze umusozi wa Sinayi munini cyane. Ya nkingi y'igicu yahagaze mu mpinga yawo, maze abantu babamba amahema yabo hepfo mu kibaya. Aho niho bajyaga kumara hafi umwaka wose. Nijoro inkingi y'umuriro yabizezaga uburinzi bw'Imana, kandi ubwo

babaga bahunikiye, umutsima uvuye mu ijuru wagwaga buhoro buhoro mu nkambi yabo. {AA 199.5}

Umuseke watamururaga umwijima muri iyo misozi, kandi imirasire irabagirana y'izuba yahuranyaga mu bibaya biciye bugufi, ikabera abo bagenzi bananiwe nk'imyambi y'imbabazi ituruka ku ntebe y'ubwami y'Imana. Ku mpande zose, imisozi yambaye ubusa mu bunini n'ubwiza bwayo butangaje, yasaga n'ivuga ibyo gukomera n'ubuhangange by'Imana. Aha ni ho intekerezo zabo zakangukiye kandi ziratangara. Abantu babashije gusobanukirwa ubujiji n'intege nke byabo imbere y'Imana "ishyira imisozi mu gipimo, n'udusozi ikatugera mu minzani." (Yesaya 40:12). {AA 200.1}

Aho ni ho Abisiraheli bagombaga guhererwa ihishurirwa rikomeye Imana yigeze ihishurira abantu. Aho ni ho Imana yateranyirije abantu bayo kugira ngo ibumvishe ukwera kw'ibyo isaba ibinyujije mu kubabwira amategeko yayo yera ikoresheje akanwa kayo bwite. Bagombaga guhinduka bikomeye; kuko ingeso zitesheje agaciro bigiye mu buretwa ndetse no gukomera ku gusenga ibigirwamana byari byariyanditse mu mico n'imigenzereze yabo. Imana yakoreraga kugira ngo ibazahure ibageze ku rwego rwo hejuru rw'imico mbonera ibinyujije mu kubimenyesha. {AA 200.2

IGICE CYA 27 - ABISIRAHELI BAHABWA AMATEGEKO

Hashize igihe gito bari mu mahema yabo kuri Sinayi, Mose yahamagariwe kujya mu mpinga y'umusozi kugira ngo ajye kuvugana n'Imana. Yazamutse inzira y'ibihanamanga wenyine, maze yegera igicu cyagaragazaga ko Yehova ari aho hantu. Ubwo rero Abisiraheli bagombaga kugirana isano ya hafi kandi y'umwihariko n'Isumbabyose, ndetse nk'itorero n'ishyanga bagombaga gushyirwa munsi y'ubuyobozi bw'Imana. Ubutumwa Mose yahawe ngo abushyikirize abantu bwari ubu ngo: {AA 201.1}

"Mwabonye ibyo nagiriye Abanyegiputa, kandi uko naramije mwe amababa nk'ay'ikizu, nkabizanira. None nimunyumvira by'ukuri, mukitondera isezerano ryanjye, muzambera amaronko, mbatoranyije mu mahanga yose, kuko isi yose ari iyanjye: kandi muzambera ubwami bw'abatambyi n'ubwoko bwera." {AA 201.2}

Mose agaruka aho bari babambye amahema, maze ahamagara abakuru b'Abisiraheli abasubiriramo ubutumwa Imana yamuhaye. Barasubije bati: "Ibyo Uwiteka yavuze byose tuzabikora." Uko ni ko bagiranye isezerano rihamye n'Imana, barahirira kuyemera nk'umutegetsi wabo, kandi ku bw'iryo sezerano, bahinduka mu buryo bw'umwihariko abagengwa na Yo. {AA 201.3}

Mose yongeye kuzamuka umusozi, maze Uwiteka aramubwira ati: "Dore ndaza aho uri, ndi mu gicu gifatanye kugira ngo abantu bumve mvugana na we, maze bakwemere iteka ryose." Igihe bahuraga n'ingorane mu nzira, Abisiraheli bivovoteraga Mose na Aroni, ndetse bakabashinja ko babakuye mu Misiri kugira ngo babarimbure. Imana yashakaga kubahiriza Mose imbere yabo kugira ngo babashe kugirira icyizere amabwiriza yabahaga. {AA 201.4}

Mu rwego rwo kwerekana imiterere itagereranywa y'amategeko yayo, Imana yagambiriye kuyavuga mu buryo budasanzwe, buteye ubwoba. Abisiraheli bagombaga gusobanukirwa ko ikintu cyose cyerekeranye n'umurimo w'Imana kigomba kubahwa mu buryo bukomeye. Uwiteka yabwiye Mose ati: "Jya ku bantu, ubeze none n'ejo, bamese imyenda yabo, uwa gatatu uzasange biteguye; kuko ku munsi wa gatatu Uwiteka azamanukira imbere y'ubwo bwoko bwose ku musozi Sinayi." Muri iyo minsi hagati aho, abantu bose bagombaga kumara igihe bitegura bikomeye kujya imbere y'Uwiteka. Imibiri yabo n'imyenda yabo byagombaga gukurwaho umwanda wose. Kandi igihe Mose yashoboraga kwerekana ibyaha byabo, bagombaga kwitanga bakicisha bugufi, bakiyiriza ubusa, kandi basenga, kugira ngo imitima yabo yezwemo gukiranirwa. {AA 201.5}

Imyiteguro yakozwe nk’uko byategetswe, kandi mu rwego rwo kubahiriza andi mabwiriza, Mose yabategetse ko ku musozi hashyirwa urubibi, kugira ngo hatagira umuntu cyangwa itungo bikandagira aho hantu hihariye. Iyo hagira umuntu cyangwa itungo bihangara gukandagira aho hantu, igihano cyagombaga kuba urupfu rw’ako kanya. {AA 201.6}

Mu gitondo cy’umunsi wa gatatu, ubwo amaso y’abantu bose yerekeraga ku musozi, impinga yawo yari itwikiriwe n’igicu cya rukokoma cyarushagaho kugenda cyirabura, cyaramanukaga kugeza ubwo umusozi wose utwikirwa n’umwijima n’urwijiji. Hanyuma humvikanye ijwi ry’ihembe, rihamagarira abantu gusanganira Imana; maze Mose ayobora abantu berekeza munsi y’uwo musozi. Imirabyo irabiriza muri cya gicu gifatanye, mu gihe urusaku rw’inkuba rwumvikanaga mu misozi izengurutse aho. “Umusozi Sinayi wose ucumba umwotsi, kuko Uwiteka yawumanukiyeho, aje mu muriro:... umusozi wose utigita cyane.” Mu maso y’iyo mbaga yari iteraniye aho, “ikuzo ry’Uwiteka ryari rimeze nk’umuriro ukongora mu mpinga y’umusozi.” “Ijwi ry’ihembe rirenga cyane rirumvikana.” Ibimenyetso by’uko Yehova ari aho hantu byari biteye ubwoba ku buryo Abisiraheli bagize ubwoba bahinda umushitsi maze bikubita imbere y’Uwiteka bubamye. Ndetse na Mose yaravuze ati: ‘Mfite ubwoba cyane, ndahinda umushyitsi.” Abaheburayo 12.21. {AA 201.7}

Noneho inkuba ntizongera gukubita; ihembe ntiryongera kumvikana; isi ntiyongera gutigita. Habayeho umwanya w’ituza ryinshi; maze noneho ijwi ry’Imana rirumvikana. Uwiteka avugira muri wa mwijima ukomeye wari umukikije ubwo yari ahagaze ku musozi akikijwe n’abamarayika, maze atanga amategeko ye. Mu gusobanura uko byagenze, Mose aravuga ati: “Uwiteka yaturutse kuri Sinayi, yabarasiye aturutse kuri Seyiri, yabaviriye aturutse ku musozi wa Parani, ava hagati mu bera inzovu nyinshi: iburyo bwe haturuka umuriro w’amategeko ye, arawubohererereza. Ni ukuri akunda amahanga, abera be bose bari mu kuboko kwawe. Bicaye imbere y’ibirenge byawe, umuntu wese wo muri bo azemera amagambo yawe” (Gutegeka kwa kabiri 33:2, 3). {AA 202.1}

Yehova yigaragaje ubwe atari mu gitinyiro cy’umucamanza n’utanga amategeko gusa, ahubwo yanigaragaje nk’umurinzi w’umunyampuhwe w’ubwoko bwe muri aya magambo: “Ndi Uwiteka Imana yawe, yagukuye mu gihugu cya Egiputa, mu nzu y’uburetwa.” Uwo bari baramenye ko ari Umuyobozi n’Umucunguzi wabo, we wari warabakuye mu Misiri, akabacisha hagati mu nyanja, kandi agatsinda Farawo n’ingabo ze, we wari wariyerekanye ko ubwe asumba ibigirwamana byo mu Misiri - ni we noneho watangaga amategeko ye. {AA 202.2}

Amategeko ntiyavuzwe icyo gihe kubw’inyungu z’Abaheburayo gusa. Imana yabahaye icyubahiro ubwo yabagiraga abarinzi ndetse n’ububiko bw’amategeko yayo, ariko ayo

mategeko yagombaga gufatwa nk'umurage wera ugenewe isi yose. Ibisabwa n'Amategeko Cumi bishobora gukurikizwa n'abantu bose, ndetse byatangiwe kugira ngo byigishe kandi biyobore abantu bose. Amategeko cumi, yavuzwe mu magambo make, yumvikana kandi afite ubutware, avuga inshingano umuntu afite ku Mana no kuri bagenzi be; kandi byose bishingiye ku ihame remezo rikomeye ry'urukundo. "Ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose, n'ubugingo bwawe bwose, n'imbaraga zawe zose, n'ubwenge bwawe bwose, kandi ukunde mugenzi wawe nk'uko wikunda." Luka 10:27. Soma no mu Gutegeka kwa Kabiri 6:4, 5; Abalewi 19:18. Mu mategeko cumi, aya mahame avugwa mu buryo burambuye, kandi ahuje n'imibereho y'umuntu n'ibyo ahura na byo. {AA 202.3}

"Ntukagire izindi mana mu maso yanjye." {AA 202.4}

Yehova, Imana ihoraho, yibeshejeho, itararemwe, yo Soko n'Umugenga w'ibintu byose, ni we wenyine ukwiriye guhabwa icyubahiro cy'ikirenga kandi agasengwa. Umuntu abujijwe guha ikindi kintu icyo ari cyo cyose umwanya wa mbere mu rukundo rwe ndetse no mu byo akora. Ikintu cyose dukundwakaza kiganisha ku kugabanya urukundo dukunda Imana cyangwa kikaba inkomyi mu murimo tugomba kuyikorera, bene icyo kintu tuba tukigize ikigirwamana. {AA 202.5}

"Ntukiremere igishushanyo kibajwe, cyangwa igisa n'ishusho yose iri hejuru mu ijuru, cyangwa hasi ku butaka, cyangwa mu mazi yo hepfo y'ubutaka: ntukabyikubite imbere, ntukabikorere." {AA 203.1}

Itegeko rya kabiri ribuzanya gusenga amashusho n'ibindi bisa bityo bigasimbuzwa Imana. Amahanga menshi y'abapagani yavugaga ko amashusho yabo asengwa ari ibimenyetso byoroheje bifashisha gusenga Imana, nyamara Imana yavuze uko gusenga ari icyaha. Kugerageza kwerekana Imana Ihoraho hakoreshejwe ibintu bifatika bicisha bugufi uko umuntu yumva Imana. Intekerezo z'umuntu zakuwe ku butungane butagerwa bwa Yehova, zishobora kwerekezwa ku kiremwa aho kwerekera ku Muremyi. Uko uburyo umuntu yumva Imana bicishijwe bugufi, ni ko umuntu nawe ata agaciro. {AA 203.2}

"...kuko Uwiteka Imana yawe ndi Imana ifuha." {AA 203.3}

Isano ya hafi kandi yera Imana ifitanye n'abantu bayo igaragazwa mu ishusho yo gushyingirwa. Ubwo gusenga ibigirwamana ari ubusambanyi mu by'umwuka, birakwiriye yuko urwango Imana ibifitiye rwakwitwa gufuha. {AA 203.4}

"...Mpora abana gukiranirwa kwa ba se, nkageza ku buzukuruza n'ubuvivi bw'abanyanga." Nta kabuza ko abana bagerwaho n'ingaruka z'ibibi ababyeyi babo bakoze, nyamara ntibahanirwa ibyaha by'ababyeyi babo, keretse gusa bagize uruhare

mu byaha by’ababyeyi babo. Icyakora akenshi bijya bibaho ko abana bagera ikirenge mu cy’ababyeyi babo. Ku bw’umurage no kubabera icyitegererezo, abana bashobora gufatanya n’ababyeyi babo mu byaha byabo. Ingeso mbi, kubatwa n’inda nini, no kwiyandarika, ndetse n’indwara z’umubiri no gusyigingira, byandura nk’umurage biva ku mubyeyi bijya ku mwana kugeza ku buzukuruza n’ubuvivi. Uku kuri guteye ubwoba kwari gukwiriye guha abantu imbaraga zo kwirinda kujya mu nzira y’icyaha.

{AA 203.5}

“...Nkababarira abankunda bakitondera amategeko yanjye.” Mu kubuza abantu kuramya ibigirwamana, itegeko rya kabiri ribategeka kuramya Imana nyakuri. Abantu b’indahemuka mu murimo wayo basezeranirwa imbabazi, atari ukugera ku buzukuruza n’ubuvivi nk’uko bigenda ku muvumo ukurikirana abanga Imana, ahubwo ni ukugeza ku buzukuruza babo b’ibihe igihumbi. {AA 203.6}

“Ntukavugire ubusa izina ry’Uwiteka, Imana yawe; kuko Uwiteka atazamubara nk’utacumuye, uvugiye ubusa izina rye.” {AA 203.7}

Iri tegeko ntiritubuza gusa kurahira ibinyoma ndetse no gupfa kurahira, ahubwo rinatubuza gukoresha izina ry’Imana mu buryo bworoheje bw’imikino ntacyo twitayeho, tutazirikanye ubusobanuro bwaryo bukomeye cyane. Dusuzugura Imana binyuze mu kuyivuga tutabitekerejeho mu biganiro bisanzwe, mu kuyivuga mu bintu bidafite agaciro, ndetse no guhora tuvuga izina ryayo tutabikuye ku mutima. “Izina rye ni iryera n’iryo kuhahwa.” (Zaburi 111:9). Abantu bose bakwiriye gutekereza ku gitinyiro cy’Imana, ubutungane n’ubuziranenge bwayo, kugira ngo umutima ubashe gusobanukirwa kamere yayo ikomeye; kandi izina ryayo rizira inenge rikavugwa ryubashywe kandi mu kuri. {AA 203.8}

“Wibuke kweza umunsi w’isabato. Mu minsi itandatu ujye ukora, abe ari yo ukoreramo imirimo yawe yose: ariko uwa karindwi ni wo sabato y’Uwiteka Imana yawe. Ntukagire umurimo wose uwukoraho, wowe ubwawe, cyangwa umuhungu wawe, cyangwa umukobwa wawe, cyangwa umugaragu wawe, cyangwa umuja wawe, cyangwa itungo ryawe, cyangwa umunyamahanga wawe uri iwanyu: kuko iminsi itandatu ari yo Uwiteka yaremeyemo ijuru n’isi n’inyanja n’ibirimo byose, akaruhukira ku wa karindwi: ni cyo cyatumye Uwiteka aha umugisha umunsi wisabato, akaweza.” {AA 203.9}

Isabato ntimenyekanyishijwe nk’aho ari umuhango mushya ahubwo yabayeho mu irema. Igomba kwibukwa no kubahirizwa nk’urwibutso rw’igikorwa cyo kurema. Yerekana Imana nk’Umuremyi w’ijuru n’isi, itandukanya Imana nyakuri n’ibigirwamana. Abantu bubahiriza umunsi wa karindwi, muri iki gikorwa baba bagaragaza ko baramya Yehova. Bityo rero, Isabato ni ikimenyetso cy’uko umuntu ayoboka Imana igihe cyose nta wundi muntu ku isi uyikorera. Itegeko rya kane ni ryo ryonyine mu mategeko cumi

ribonekamo izina n’icyubahiro by’Uwatanze amategeko. Ni ryo ryonyine ryerekana ubutegetsi bw’uwatanze amategeko. Ku bw’ibyo rero, ririmo ikimenyetso cy’Imana yashyize ku mategeko yayo nk’igihamya cy’uko ari ukuri kandi ahamye. {AA 204.1}

Imana yahaye abantu iminsi itandatu bagomba gukoreramo imirimo, kandi isaba ko imirimo yabo ikorwa mu minsi itandatu y’imirimo. Ibikorwa bituma ubuzima bw’umuntu budahagarara ndetse n’imirimo y’ubugiraneza biremewe ku Isabato. Abarwayi n’abababaye bagomba kwitabwaho igihe cyose; ariko imirimo itari ngombwa ikwiriye kwirindwa bikomeye. “Nuhindukira ntukandagire isabato, ukanga gukora ibyo wishakiye ku munsi wanjye wera, ahubwo ukita isabato umunezero, umunsi wera w’Uwiteka uakwita uw’icyubahiro, ukawubaha ntube icyigenge, ntiwishakire ibyo kwinenzeza” (Yesaya 58:13). Ntabwo ibyo tubuzwa biangirira aho, ahubwo umuhanuzi akomeza avuga ati: “ntiwivugire ibyo ushaka ku bwawe.” Abantu baganira ibyerekeye iby’inyungu zabo cyangwa bagakora cyangwa bagategura gahunda zabo zisanzwe ku munsi w’Isabato, bafatwa n’Imana nk’aho bari muri ibyo bikorwa nyirizina by’inyungu zabo. Mu rwego rwo kweza Isabato, ntidukwiriye no kwemerera intekerezo zacu kurangarira mu by’isi. Ndetse iri tegeko rivuga rireba n’abantu bose bari mu ngo zacu. Abo tubana mu rugo bakwiriye kureka imirimo yabo y’isi mu masaha yera. Bose bakwiriye gufatanyiriza hamwe kubaha Imana babikoranye ubushake ku munsi wayo wera. {AA 204.2}

“Wubahe so na nyoko, kugira ngo uramire mu gihugu, Uwiteka Imana yawe iguha.” {AA 204.3}

Ababyeyi bakwiriye gukundwa no kubahwa ku rwego undi muntu wese atagezaho. Imana ubwayo yabahaye inshingano yo kwita kuri abo bana baragijwe, yagennye ko mu myaka ibanza y’ubuzima, ababyeyi bazaba mu cyimbo cy’Imana ku bana babo. Bityo umuntu utumvira ubtware butunganye bw’ababyeyi be, aba yirengagiza ubutware bw’Imana. Itegeko rya gatanu ntiritegeka abana kubaha ababyeyi no kubumvira gusa, ahubwo ribategeka no kubakunda kandi bakabagirira impuhwe, bakaborohereza imiruho, bakarinda icyubahiro cyabo, bakabafasha kandi bakababahumuriza mu zabukuru. Iri tegeko risaba no kubaha abagabura n’abategetsi ndetse n’abandi bantu bose Imana yahaye ubutware. {AA 204.4}

Intumwa Pawulo aravuga ati: “iri ni ryo tegeko rya mbere ririmo isezerano.” (Abefeso 6:2). Ku Bisiraheli bari biteze kwinjira muri Kanani, yari indahiro y’uko bazumvira by’igihe kirekire muri icyo gihugu cyiza; nyamara kandi iryo tegeko rifite ubusobanuro bwagutse, hakubiyemo na Isiraheli y’Imana, ndetse ritanga isezerano ry’ubugingo buhoraho mu isi izaba itakirangwamo umuvumo w’icyaha. {AA 204.5}

“Ntukice.” {AA 205.1}

Ibikorwa byose bigendereye gukuraho ubuzima mbere y'igihe; umwuka w'urwango no guhora, cyangwa guha intebe icyifuzo cyose kigamije kugirira abandi nabi, cyangwa igitekerezo kidutera kwifuza kugira nabi (kuko "umuntu wese wanga mwene se aba ari umwicanyi," kwihugiraho ntitwite ku bakene cyangwa abababaye; gukabya mu kwita mubiri k'uburyo bwose cyangwa kwihotora bitari ngombwa, cyangwa imirimo irenze urugero yakwangiriza ubuzima - ibyo byose ni ukwica itegeko rya gatandatu ku rwego runaka. {AA 205.2}

"Ntugasambane." {AA 205.3}

Iri tegeko ntiribuzanya ibikorwa byo kwiyandarika gusa, ahubwo ibitekerezo n'ibyifuzo by'irari, cyangwa igikorwa icyo ari cyo cyose kigamije gukangura ibyo bitekerezo n'ibyifuzo. Ubutungane ntigusabwa gusa mu mibereho igaragara inyuma, ahubwo no mu migambi no mu marangamutima. Kristo wigishije ibyo amategeko y'Imana asaba byagutse, yavuze yuko igitekerezo kibi cyangwa ijisho ribi, mu kuri ari icyaha nk'igikorwa kitemewe n'amategeko. {AA 205.4}

"Ntukibe." {AA 205.5}

Byaba ibyaha byo kwiba mu ruhame cyangwa rwihishwa, byose bibuzanywa muri iri tegeko. Itegeko rya munani riciraho iteka kwiba abantu no gucuruza abaretwa, ndetse rikanabuzanya intambara zo kwigarurira uturere tw'ibindi bihugu. Riciraho iteka ubusambo n'ubujura. Risaba kuba inyangamugayo mu tuntu duto uko tungana kose mu mibereho yacu. Rivuga ko uburyo bwose bwo kugerageza kwishakira inyungu binyuze mu bujiji, intege nke, cyangwa ibyago by'abandi byandikwa mu bitabo byo mu ijuru ko ari ubujura. {AA 205.6}

"Ntugashinje ibinyoma mugenzi wawe." {AA 205.7}

Kubeshya mu buryo ubwo ari bwo bwose, kugerageza kose cyangwa kugambirira kuriganya mugenzi wawe, byose bikubiye muri iri tegeko. Kugira umugambi wo kubeshya ni byo bigize uburiganya. Kwica ijisho, kurembuza, gutanga ubutumwa runaka ukoresheje mu maso, bishobora kubeshya rwose nk'uko amagambo yabigira. Gukabya inkuru y'ukuri ubigambiriye, kuvuga ukoresheje amarenga kose ugamije kuvuga ibinyoma cyangwa gukabya, ndetse no kuvuga ibiriho ariko mu buryo byayobya; ibyo byose ni ukuvuga ibinyoma. Iri tegeko ribuzanya umuhati wose umuntu yakoresha kugira ngo aharabike mugenzi we akoresheje kumuvuga uko atari cyangwa kumukeka ikibi no kumuvugaho ibinyoma. Ndetse no kwanga kuvuga ukuri ubigambiriye ku buryo byagirira abandi nabi, ibyo nabyo ni ukwica itegeko rya cyenda. {AA 205.8}

"Ntukifuze inzu ya mugenzi wawe, ntukifuze umugore wa mugenzi wawe, cyangwa umugaragu we, cyangwa umuja we, cyangwa inka ye, cyangwa indogobe ye, cyangwa

ikindi kintu cyose cya mugenzi wawe.” {AA 205.9}

Itegeko rya cumi rikora ku muzi w’ibyaha byose, kuko ribuzanya icyifuzo cyo gukurura wishyira, ari nacyo soko y’igikorwa cy’icyaha. Kubwo kumvira itegeko ry’Imana, umuntu wirinda guha intebe kwifuza kubi gushingiye mu kwifuza iby’abandi, ntazacirwaho iteka ryo kugirira nabi bagenzi be. {AA 205.10}

Ayo ni yo mabwiriza yera yo mu Mategeko Cumi, Imana yavuze inkuba zihinda, imirabyo irabya, ndetse hanabaho kwigaragaza gukomeye kw’imbaraga n’igitinyiro by’Imana ikomeye yo itanga amategeko. Gutangaza amategeko yayo Imana yabigeretseho kwigaragaza kw’imbaraga n’ikuzo byayo, kugira ngo abantu be kuzigera bibagirwa ibyo, kandi ngo babashe gucengerwa no kubaha Uwashyizeho amategeko, Umuremyi w’ijuru n’isi. Yashakaga kandi kwereka abantu bose kwera, agaciro ndetse no kudahinduka no guhoraho kw’amategeko yayo. {AA 205.11}

Abisiraheli bahinze umushyitsi kubera ubwoba. Imbaraga zikomeye cyane zari mu magambo y’Imana zari zirenze izo imitima yabo yahindaga umushyitsi yashoboraga kwihanganira, kuko ubwo amategeko atunganye y’Imana yashyirwaga imbere yabo, basobanukiwe ububi bukomeye bw’icyaha kuruta uko batigeze babisobanukirwa, ndetse basobanukirwa n’ububi bwabo imbere y’Imana izira inenge. Kubera ubwoba no gutinya, bahinze umushyitsi bitarura uwo musozi. Iyo mbaga y’abantu yatakiye Mose iti: “Ba ari wowe utubwira, ni ho turi bwumve: ariko Imana ye kutubwira tudapfa.” Mose yarabasubije ati: “Nimuhumure kuko Imana izanywe no kubagerageza, no kugira ngo gutera ubwoba kwayo guhore imbere yanyu, mudakora ibyaha.” Nyamara abantu bahagaraye kure, bitegereza ibyabaga bafite ubwoba, mu gihe Mose we “yigiye hafi y’umwijima w’icuraburindi, aho Imana yari iri.” {AA 206.1}

Imitima y’abantu yari yarahumishijwe kandi igahenebezwa n’uburetwa n’ubupagani, ntabwo yari yiteguye kwakirana ubwuzu amahame yagutse yo mu mategeko cumi y’Imana. Kugira ngo ibyo amategegeko cumi asaba bibashe kumvikana neza kandi bishimangirwe, hatanzwe andi mabwiriza y’inyongera, arushaho gusobanura no kumvikanisha amahame y’Amategeko Cumi. Ayo mabwiriza yiswe “amateka” kubera impamvu ebyiri: ni uko yateguwe mu buhanga butagerwa, kandi abacamanza bagombaga guca imanza bayakurikije. Mu buryo burandukanye n’Amategeko Cumi, ayo mateka yahawe Mose atari mu ruhame, bityo nawe yagombaga kuyamenyesha Abisiraheli bose. {AA 206.2}

Irya mbere muri yo ryari ryerekeranye n’abagaragu. Mu bihe bya kera, rimwe na rimwe abagome ruharwa bagurishwaga n’abacamanza bakajya kuba inkoreragahato. Hari ubwo umuntu wabaga arimo umwenda yagurishwaga n’uwawumuhaye; ndetse hari ubwo n’ubukene bwateraga abantu kwigurisha cyangwa bakagurisha abana babo. Nyamara Umuheburayo we ntiyashoboraga kugurishwa ngo abe inkoreragahato

ubuzima bwe bwose. Ntiyashoboraga gukoreshwa birenze imyaka itandatu; mu mwaka wa karindwi yagombaga guhabwa umudendezo. Kwiba abantu, kwica, no kwigomeka ku babyeyi byahanishwaga urupfu. Kugira inkoreragahato itari Umwisiraheli byari byemewe, ariko ubugingo bwabo n'umubiri wabo byagombaga kurindwa cyane. Uwicaga inkoreragahato yagombaga guhanwa. Iyo umwe muri ba shebuja yamukomeretsaga, n'ubwo byaba bitarenze kumukura iryinyo, byamuheshaga umudendezo. {AA 206.3}

Abisiraheli ubwabo bari bamaze igihe gito bavuye mu gukorera agahato, noneho ubwo nabo bari bagiye kugira inkoreragahato, bagombaga kwirinda umutima w'ubugiranabi no gukoresha uburetwa bari barahuye nabyo bakubitwa ibiboko mu Misiri. Kwibuka uburetwa bukomeye babayemo byagombaga kubatera kwishyira mu mwanya w'abagaragu babo, bikabatera kugira imbabazi n'impuhwe, bagafata abandi nk'uko nabo bumvaga bafatwa. {AA 206.4}

Uburenganzira bw'abapfakazi n'imfubyi bwagombaga kwitabwaho mu buryo bw'umwihariko, kandi abantu bari bategetswe kubafata neza kubera imibereho mibi babagamo. Uwiteka yaravuze ati: "Nugira icyo ubababaza na gato, bakantakira, sinzabura kumva gutaka kwabo; uburakari bwanjye bukagurumana, nkabicisha inkota, abagore banyu namwe bakaba abapfakazi, abana banyu bakaba imfubyi." Abanyamahanga biyungaga n'Abisiraheli ntibagombaga kugirirwa nabi cyangwa ngo bakandamizwe. " ntugahate umusuhuke w'umunyamahanga; kuko muzi umutima w'umusuhuke, kuko namwe mwari abasuhuke mu gihugu cya Egiputa." {AA 206.5}

Kwaka inyungu abakene byari bibujijwe. Umwenda w'umukene wafashweho ingwate wagombaga kumusubizwa izuba ritararenga. Uwahamwaga n'icyaha cy'ubujura yagombaga kuriha icyo yibye agikubye kabiri. Kubaha abacamanza n'abatware byari bitegetswe, kandi abacamanza bari babujijwe kugoreka imanza, gushyigikira uruhande rw'ikinyoma, cyangwa kwakira ruswa. Uburyarya no guharabika abandi byari bibujijwe, kandi bari bategetswe gukorera ibikorwa by'ubugwaneza n'abanzi b'umuntu.

{AA 207.1}

Abantu bongeye kwibutswa kweza Isabato. Iminsi mikuru y'uko umwaka utashye yashyizweho. Kuri iyo minsi abantu bose bo mu gihugu bagombaga guteranira imbere y'Uwiteka, bamuzaniye amaturo yabo yo gushima n'umuganura w'imigisha yabahaye. Umugambi w'aya mabwiriza yose waravuzwe: yose yatangiwe kugira ngo Abisiraheli bamererwe neza. Uwiteka yaravuze ati: "Kandi mumbere abera" (Abalewi 20.26)- bakwiriye kwitabwaho n'Imana izira inenge. {AA 207.2}

Aya mategeko yagombaga kwandikwa na Mose kandi akabikanwa ubwitonzi nk'urufatiro rw'amategeko y'igihugu, akabikwa hamwe n'amategeko cumi, ari yo

yasobanuraga ndetse akaba icyangombwa gishingirwaho kugira ngo Imana isohoze amasezerano yayo ku Bisirayeli.

{AA 207.3}

Noneho bahawe ubutumwa buturutse kuri Yehova buvuga buti: “Dore, ndatuma marayika imbere yawe, akurindire mu nzira, akujyane aho nakwiteguriye. Mumwitondeho, mumwumvire, ntimukamugomere, kuko atazababababarira ibicumuro byanyu, kuko izina ryanjye riri muri mwe. Ariko numwumvira by’ukuri, ugakora ibyo nzavuga byose, nanjye nzaba umwanzi w’abanzi bawe n’umubisha w’ababisha bawe.” Mu ngendo zose Abisiraheli bakoze, Kristo ni we wari Umuyobozi wabo ari mu nkingi y’igicu n’umuriro. Nubwo iyo nkingi yerekezaga ku Mukiza wagombaga kuzaza, yari n’Umukiza wari kumwe na bo, we wahaye Mose amategeko ngo na we ayageze ku bantu, kandi wari warashyizwe imbere yabo ngo ababere umuyoboro umwe rukumbi Imana yabaheragamo imigisha. {AA 207.4}

Ubwo yamanukaga umusozi “Mose yaraje abwira abantu amagambo y’Uwiteka yose n’amategeko ye yose: abantu bose bamusubiriza icyarimwe bati, ‘Ibyo Uwiteka yavuze byose tuzabikora.’” Iyi ndahiro yabo hamwe n’amagambo y’Uwiteka, Mose yabyanditswe mu gitabo. {AA 207.5}

Noneho hakurikiyeho gushyira ikimenyetso kuri iryo sezerano. Igicaniro cyubatswe hasi y’uwo musozi, kandi iruhande rwacyo hubakwa inkingi cumi n’ebyiri “nk’uko imiryango cumi n’ibiri y’Abisiraheli iri,” kugira ngo bibe igihamya cy’uko bemeye iryo sezerano. Abasore bo mu Bisiraheli batoranyijwe batambiye ibitambo aho.

{AA 207.6}

Mose tamishe amaraso y’ibitambo ku gicaniro, arangije “yenda igitabo cy’isezerano, agisomera abantu.” Ibyo iryo sezerano risaba byasubiriwemo abantu cyane, kandi bose bari bafite uburenganzira bwo guhitamo kuyakurikiza cyangwa ntayakurikize. Bari barasezeranye ko bazumvira ijwi ry’Imana; ariko bari barumvise amategeko yayo avugwa; kandi amahame yayo yari yarasobanuwe rimwe rimwe, kugira ngo bamenye ibyari bikubiye muri iryo sezerano. Abantu bongeye gusubiriza icyarimwe bati: “Ibyo Uwiteka yavuze byose tuzabikora, kandi tuzamwumvira.” “Mose amaze kubwira abantu bose amategeko yose, nk’uko yategetswe yose, yenda amaraso,...nuko abiminjagira ku gitabo cy’amategeko no ku bantu bose arababwira ati, “Aya ni yo maraso y’isezerano Imana yabategekeye.” (Abaheburayo 9:19, 20). {AA 207.7}

Noneho ibintu byose byagombaga gukorwa kugira ngo ishyanga ryatoranyijwe rishingwe riyobowe na Yehova ari we mwami wabo. Mose yari yabwiwe ngo: “Uzamukane na Aroni na Nadabu na Abihu n’abakuru b’Abisiraheli mirongo irindwi,

mwerekeje aho Uwiteka ari: namwe musenge mukiri kure. Mose abe ari we wigira hafi y'Uwiteka wenyine." Mu gihe rubanda rwose rwasengeraga munsi y'umusizi, abo bantu batoranyijwe bo babwiwe kuzamuka umusozi. Abakuru mirongo irindwi bagombaga gufasha Mose mu kuyobora Abisiraheli, kandi Imana yabashyizeho Mwuka wayo, ndetse ibaha icyubahiro ikoresheje kubereka imbaraga zayo no gukomera kwayo. "Bareba Imana y'Abisiraheli; munsi y'ibirenge byayo hameze nk'amabuye ashashwe ya safiro iboneranа, ihwanye n'ijuru ry'umupyemure ubwaryo." Ntibabonye Imana ubwayo, ahubwo babonye ubwiza bwayo. Mbere y'ibi ntibajyaga kwihanganira ukwigaragaza kumeze gutyo; ahubwo ukwigaragaza kw'imbaraga z'Imana kwari kwarabateye kugira ubwoba barihana. Bajyaga bareba ubwiza, kwera, n'imbabazi byayo, kugeza ubwo babashije kwegera hafi y'Imana bahoraga batekereza. {AA 208.1}

Noneho Mose na Yosuwa wari umwungirije bahamagariwe kuvugana guhura n'Imana. Kubera ko bagombaga kumara igihe runaka batari kumwe n'Abisiraheli, Mose yashyizeho Aroni na Huru, bungirijwe n'abakuru, kugira ngo bamubere mu cyimbo. "Mose azamuka kuri uwo musozi, cya gicu kirawubundikira. Ubwiza burabagirana bw'Uwiteka buguma ku musozi wa Sinayi." Icyo gicu cyabundikiye uwo musozi iminsi itandatu nk'ikimenyetso cyo kuhaba kw'Imana kudasanzwe; nyamara nta kwihishura kw'Imana kwabayeho cyangwa gutangaza ubushake bwayo. Muri iki gihe Mose yari ategereje yuko ahamagarwa mu cyumba Isumbabyose yarimo. Yari yahawe amabwiriza avuga ngo: "Zamuka uze aho ndi ku musozi ugumeyo" kandi nubwo kwihangana no kumvira kwe byageragejwe, ntiyigeze acika intege ngo ananirwe gutegereza cyangwa ngo ave aho yari ari. Iki gihe cyo gutegereza cyamubereye igihe cyo kwitegura, ndetse cyo kwigenzura byimazeyo. Ndetse n'uwo mugaragu utoneshejwe w'Imana ntiyajyaga guhita ajya aho yari iri ngo abashe kwihanganira kwigaragaza kw'ikuzo ryayo. Yagombaga gukoresha iminsi itandatu yiyegurira Imana ubwe, yisuzuma mu mutima, ayitekereza kandi asenga mbere y'uko ategurirwa kuvugana n'Umuremyi we imbonankubone. {AA 208.2}

Ku munsi wa karindwi, ari wo wari Isabato, Mose yahamaganiwe muri cya gicu. Icyo gicu kibuditse cyakingutse Abisiraheli bose bakireba, maze ikuzo ry'Uwiteka riboneka bumeze nk'umuriro ukongora. "Mose ajya imbere muri icyo gicu, azamuka kuri uwo musozi: awumaraho iminsi mirongo ine n'amajoro mirongo ine." Iminsi mirongo ine Mose yatinze ku musozi ntabwo ikubiyemo ya minsi itandatu yo kwitegura. Muri ya minsi itandatu, Mose yari kumwe na Yosuwa, kandi basangiye Manu ndetse banywa no ku isoko y'amazi yavaga muri uwo musozi. Ariko Yosuwa ntiyinjiranye na Mose muri icyo gicu. Yasigaye inyuma yaco akomeza kurya no kunywa buri munsi ategereje ko Mose agaruka, nyamara Mose we ntacyo yaryaga cyangwa ngo anywe muri iyo minsi uko ari mirongo ine. {AA 208.3}

Igihe yari ku musozi, Mose yahawe amabwiriza yo kubaka ubuturo bwera aho ubwiza

bw’Imana bwari kujya bugaragarira mu buryo bw’umwihariko. Itegeko Imana yatanze ryari iri ngo: “Kandi bandemere ubuturo bwera, nture hagati muri bo” (Gutegeka kwa kabiri 25:8). Ku ncuro ya gatatu, itegeko ryo kubahiriza Isabato ryongeye gusubirwamo. Uwiteka yaravuze ati: “Ni ikimenyetso cy’iteka ryose hagati yanjye n’Abisiraheli,” “kugira ngo mumenye yuko ndi Uwiteka ubeza. Nuko mujye muziririza Isabato, kuko ari iyera kuri mwe: . . .Umuntu wese uzagira umurimo akora kuri yo, azahurwe mu bwoko bwe.” (Kuva 31:17,13,14). Amabwiriza yari yaramaze gutangwa ko ihema ry’Imana rigomba kubakwa. Kubera ko icyo abantu bari barangamiye cyari ikuzo ry’Imana, kandi na none bakaba bari bakeneye cyane aho basengera, noneho bagombaga gufata umwanzuro kugira ngo babone urwitwazo rwo gukora kuri iyo nyubako ku munsi w’Isabato. Kugira ngo barindwe gukora iryo kosa, bahawe umuburo. Kwera no kwihutirwa by’uwo murimo udasanzwe bagombaga gukorera Imana ntibyagombaga kubatera kwica itegeko bakora ku munsi wayo wera w’ikiruhuko. {AA 208.4}

Uhereye icyo gihe, abantu bagize umugisha wo kubana n’Umwami wabo. Mose yahawe iri sezerano ngo: “Kandi nzatura hagati mu Bisirayeli, mbe Imana yabo,” ” . . . iryo hema rizezwa n’ubwiza bwanjye burabagirana.” (Kuva 29:45,43). Nk’ikimenyetso cy’ubutware bw’Imana kandi kigaragaza neza ubushake bwayo, Mose yahawe kopi y’Amategeko Cumi yanditswe ku bisate bibiri by’amabuye, (Gutegeka kwa kabiri 9:10; Kuva 32:15, 16) byagombaga kubikanwa ubuziranenge mu buturo bwera, bwagombaga kuba ihuriro rigaragara ry’imisengere y’ishyanga ryose, igihe bwari kuba bumaze kubakwa. {AA 209.1}

Abisiraheli bakuwe mu kuba inkoreragahato maze bashyirwa hejuru y’ayandi moko yose, bagirwa ubutunzi bw’umwihariko bw’Umwami w’abami. Imana yeri yarabatoranyije mu isi kugira ngo ibaragize umurage wayo wera. Yari yarabagize ububiko bw’amategeko yayo, kandi yari yaragambiriye ko binyuze muri bo, izatuma abantu bakomeza kuyimenya. Uko ni ko umucyo w’ijuru wagombaga kumurikira isi igoswe n’umwijima, kandi muri bo hagombaga kumvikanira ijwi rirakira amahanga yose kureka gusenga ibigirwamana bagakorera Imana nzima. Iyo Abisiraheli baba indahemuka ku nshingano bahawe, bajyaga kuba ishyanga rikomeye mu isi. Imana yari kubarinda kandi ikabasumbisha andi mahanga yose. Umucyo wayo n’ukuri kwayo byajyaga kugaragarizwa muri bo, kandi bajyaga gukomerezwa munsi y’ubuyobozi bwayo bwiza kandi buzira inenge nk’icyitegererezo cy’isumbwe mu kuyiramya biruta ubwoko bwose bwo gusenga ibigirwamana. {AA 209.2}

IGICE CYA 28 - ISIRAHELI ISENGA INYANA Y’IZAHABU

Igihe Mose yari adahari, cyabaye igihe Abisiraheli bagize cyo gutegereza no guhangayika bibaza uko bizagenda. Abantu bari bazi ko yazamukanye na Yosuwa ku musozi, kandi ko yinjiye mu gicu cya rukokoma babonaga bari hasi mu kibaya. Icyo gicu cyari kiri mu mpinga y’umusozi, kigahora kimurika kirabya imirabyo ituruka ku bwiza bw’Imana. Bari bamutegerezanyije amatsiko. Kubera ko mu Misiri bari baramenyereye ikintu gifatika kigaragaza imana, byari byarabakomereye kwiringira iyo batabona, ndetse bari barageze aho bishingikiriza kuri Mose mu rwego rwo gukomeza ukwizera kwabo. None yari yabakuwemo. Umunsi warashize undi uraza, icyumweru kirahita ikindi kirataha, ariko ntiyagaruka. Nubwo cya gicu cyari kikigaragara, benshi mu bari mu nkambi bibwiye ko umuyobozi wabo yabataye cyangwa ko yatwitswe n’uwo muriro ukongora. {AA 210.1}

Muri icyo gihe bari bategereje, cyari igihe cyo gutekereza ku mategeko y’Imana bari barumvise no gutegurira imitima yabo kwakira uguhishurirwa kundi Imana yajyaga kubohereza. Nta gihe gihagije bafashe ngo bakore uwo murimo; kandi iyo bakora batyo bagashaka kurushaho gusobanukirwa n’ibyo Imana ibasaba, ndetse bagacishiriza bugufi imitima yabo imbere yayo, bajyaga kurindwa ikigeragezo. Nyamara ibyo ntibabikoze, maze bidatinze ntibagira icyo bitaho, barirengagiza kandi bica amategeko. By’umwihariko, ibi byagaragaye muri cya kivange cy’abanyamahanga. Bari bafite ubwira bwo gukomeza bagana mu Gihugu cy’Isezerano — igihugu gitemba amata n’ubuki. Bari barasezeraniwe ko bazahabwa icyo gihugu cyiza baramutse bumviye gusa, nyamara ibyo bari barabyibagiwe. Hari bamwe bazanye igitekerezo cyo gusubira mu Misiri, ariko ari ugukomeza bakajya i Kanani cyangwa gusubira mu Misiri, imbaga yose yari yiyemeje kudakomeza gutegereza Mose. {AA 210.2}

Bumvise nta shyikizo bafite igihe umuyobozi wabo adahari, maze bisubirira mu migenzo yabo ya kera ya gipagani. Icyo “kivange cy’abantu b’amahanga menshi” ni cyo cyabaye icya mbere kwivovota no kurambirwa, kandi ni na bo babaye nyambere mu buhakanyi bwakurikiyeho. Bimwe mu bintu Abanyamisiri bakoreshaga nk’ibigirwamana harimo ikimasa cyangwa inyana; kandi biturutse ku cyifuzo cy’abasengaga ibigirwamana mu Misiri, bacuze inyana maze barayiramya. Abantu bifuzaga igishushanyo gihagarariye Imana kugira ngo kibajye imbere mu cyimbo cya Mose. Ntabwo Imana yari yaratanze uburyo na bumwe bwo kuyigereranya, kandi yari

yarabuzanyije gukora ikintu cyose gifatika kugira ngo bayigaragaze. Bya bitangaza bikomeye byakorewe mu Misiri no ku Nyanja Itukura byabereyeho kugira ngo abantu bizere Imana imwe nyakuri, nk'Imana itagaragara, Umufasha wa Isiraheli ushobora byose. Icyifuzo cy'uko yiyerekana muri bo cyari cyarasubirijwe mu nkingi y'igicu n'umuriro yabayoboye, ndetse no mu iyerekana ry'ikuzo ryayo ku musozi Sinayi. Ariko icyo gicu Uwiteka yarimo kikiri imbere yabo, basubiye inyuma mu mitima yabo batekereza gusenga ibigirwamana ko mu Misiri, maze bagaragaza ikuzo ry'Imana itabonwa bakoresheje igishushanyo cy'ikimasa!

{AA 210.3}

Igihe Mose atari ahari, ububasha bwo guca imanza bwari bwahawe Aroni, kandi abantu benshi bari bakikije ihema rye bamusaba bati: "Haguruka, uturemere imana yo kutujya imbere; kuko wa wundi Mose, umuntu wadukuye mu gihugu cya Egiputa, tutazi icyo abaye." Bavugaga yuko cya gicu cyari cyarabayoboye kugera ubwo cyahagaze burundu ku musozi; kitazongera kubayobora mu ngendo zabo. Bagombaga kugira igishushanyo kigisimbura; kandi nk'uko byari yasabwe, iyo bafata umwanzuro wo gusubira mu Misiri, bari kwakirwa neza n'Abanyamisiri kubw'icyo gishushanyo babaga bashyize imbere nk'imana yabo. {AA 211.1}

Akaga nk'ako kari kadutse kasabaga umuntu udakebakeba, ufata umwanzuro kandi ufite ubutwari butadohoka; umuntu ushyira icyubahiro cy'Imana hejuru y'ibintu byose, n'iyo waba umutekano we bwite cyangwa ubuzima bwe ubwabwo. Nyamara uwo muyobozi w'Abisiraheli wariho icyo gihe ntayari afite iyo mico. Aroni yarwanyije igitekerezo cyabo adakomeje, ariko kudohoka kwe no gutinya amaso muri icyo gihe kibi byatumye abantu barushaho gukaza umurego. Umuvurungano wariyongeye. Gutwarwa n'amarangamutima yuzuye ubuhumyi no kudatekereza byasaga n'ibyuzuye abantu. Hari bamwe bakomeje kuba indahemuka ku sezerano bagiranye n'Imana; ariko umugabane munini w'iyo mbaga wayobotse ubuhakanyi. Bake bagerageje kwanga icyo gishushanyo cyakorewe gusengwa barahindukiranywe, bagirirwa nabi maze muri uwo muvurungano amaherezo bahasiga ubuzima bwabo. {AA 211.2}

Aroni yatinye gupfa, maze aho kuba inyangamugayo ngo ahagararire icyubahiro cy'Imana, yemeye ibyo abantu bamusabaga. Igikorwa cya mbere yakoze cyabaye icyo gutegeka ko bakusanya impeta z'izahabu zo ku matwi abantu bari bambaye maze bakazimuzanira, yibwiraga ko ubwibone bwabo burabatera kwanga kuzikuramo. Nyamara bishimiye kureka iyo mitako yabo, maze arayishongesha ayicuramo inyana isa n'ibigirwamana byo mu Misiri. Abantu baravuze bati: "Iki ni cyo mana yawe, wa bwoko bw'Abisirayeli we, yagukuye mu gihugu cya Egiputa." Maze Aroni acika intege yemera yuko Yehova atukwa atyo. Yakoze n'ibirenze aho. Abonye uburyo iyo mana y'izahabu yakiranywe umunezero, yubaka igicaniro imbere yayo, hanyuma

ararangururа ati: “Ejo hazaba umunsi mukuru w’Uwiteka.” Iryo tangazo rye ryabanjirijwe n’impanda zavugaga zungikanya mu nkambi yose. “Bukeye bazinduka kare, batamba ibitambo byoswa; bazana ibitambo by’uko bari amahoro; abantu bicazwa no kurya no kunywa, bahagurutswa no gukina.” Bitwaje ko bari gukora “umunsi mukuru w’Uwiteka,” maze birundurira mu kurya baravuyarara ndetse no mu busambanyi bw’indengakamere. {AA 211.3}

Ni kangahe muri ibi bihe byacu, gukunda kwinezeza bitwikirwa bikiyoberanya mu ishusho yo “kubaha Imana”! Idini ryemerera abantu kwirundurira mu inarijye cyangwa mu kunezeza umubiri mu byo ushaka, mu gihe abantu bakora imihango yo kuramya, bene iryo dini muri iki gihe riba rinezeza imbaga nk’uko byabaye mu minsi y’Abisiraheli. Kandi nanone haracyariho ba Aroni ba nyamujyiryanino, igihe bafite imyanya y’ubuyobozi mu itorero, bazumvira ibyifuzo by’abantu batiyeguriye Imana, maze kubw’ibyo babashyigikire mu cyaha. {AA 211.4}

Isiraheli Yica Isezerano Ryayo Rikomeye.

{AA 211.5}

Hari hashize iminsi mike gusa Abaheburayo bagiranye n’Imana isezerano rikomeye ko bazumvira ijwi ryayo. Bari barahagaze imbere y’uwo musozi bahinda umushitsi, bateze amatwi amagambo y’Uwiteka avuga ngo: “Ntukagire izindi Mana mu maso yanjye.” Ikuzo ry’Imana ryari rigitwikiriye Sinayi iteraniro ryose ririreba; nyamara barahindukira, maze basaba izindi Mana. “Baremera ikimasa i Horebu, basenga igishushanyo kivugutiwe. Uko ni ko baguranye icyubahiro cyabo, bagihindura igishushanyo cy’imfizi irya ubwatsi.” (Zaburi 106:19, 20). Ni mu buhe buryo kutanyurwa gukomeye gutyo kwagaragajwe cyangwa igitutsi cyo kwihandagaza cyatitswe uwari yarabihishuriye nk’umubyeyi w’umunyampuhwe ndetse n’umwami nyiri ubushobozi bwose! {AA 211.6}

Ubwo Mose yari akiri ku musozi yamenyeshejwe ko mu nkambi hadutse ubuhakanyi maze abwirwa guhita asubirayo adatindiganyije. Imana yaramubwiye iti: “Manuka ugende, kuko ubwoko bwawe wakuye mu gihugu cya Egiputa bwiyononnye. Bateshutse vuba, bava mu nzira nabategetse, biremera igishushanyo cy’ikimasa kiyagijwe, baragisenga.” Imana iba yarahagaritse iyo nkubiri igitangira; ariko yarayihanganiye kugera kuri rwo rwego kugira ngo ibashe kwigisha abantu bose isomo ibinyujije mu buryo ihana ubugambanyi n’ubuhakanyi. {AA 212.1}

Isezerano Imana yagiranye n’ubwoko bwayo ryari ryishwe, maze ibwira Mose iti: “None nyihorera uburakari bwanjye bubagurumanire mbarimbure, na we nzaguhindura ubwoko bukomeye.” Ubwoko bw’Abisiraheli, cyane cyane ikivange cy’amahanga menshi, bahoraga bagomera Imana. Bivovoteraga n’umuyobozi wabo, kandi bakamutera agahinda ku bwo kutizera kwabo no kwinangira, bityo umurimo wo

kubayobora kugera bageze mu Gihugu cy'Isezerano wari kuba ukomeye cyane kandi w'injyanamuntu. Ibyaha byabo byari byaramaze kubakuraho ineza y'Imana, bityo ubutabera bwasabaga ko barimbuka. Bityo, Imana yavuze ko igiye kubarimbura maze Mose ikamugira ishyanga rikomeye. {AA 212.2}

Amagambo Imana yavuze yari aya ngo: "None nyihorera . . . mbarimbure." Niba Imana yari yagambiriye kurimbura Isiraheli, ni nde wajyaga kubasabira imbabazi?Ni bangahe batari kureka abanyabyaha bagakanirwa urubakwiye! Ni bangahe batari kunezezwa no gukira uwo muruho n'umutwaro ndetse no kwitanga byituwe kutanyurwa no kwivovota, maze bagashyirwa mu mwanya utuje kandi w'icyubahiro, mu gihe Imana ubwayo ari yo yari ivuze ko igiye kumuruhura? {AA 212.3}

Nyamara Mose yaritegereje abona yuko aharagagara ko hari ugucika intege n'umujinya hashobora kuboneka ibyiringiro. Amagambo y'Imana ngo: "nyihorera," ntiyumvise yuko ari ukumubuza, ahubwo yumvise ko kwari ukumushishikariza kubavuganira; byerekanaga ko nta kindi kintu gishobora gukiza Abisiraheli uretse amasengesho ya Mose, ariko ko niba ayitakambiye atyo, Imana yajyaga kureka ubwoko bwayo. "Mose yinginga Uwiteka Imana ye ati: 'Uwiteka, ni iki kigurumanishije uburakari bwawe, ukarakarira ubwoko bwawe wakuje mu gihugu cya Egiputa imbaraga nyinshi n'amaboko menshi?'" {AA 212.4}

Imana yari yavuze ko itakiri Imana y'ubwoko bwayo. Yari yabavuzeho ibwira Mose iti "ubwoko bwawe wakuye mu gihugu cya Egiputa." Ariko Mose yicishije bugufi, yanze kwemera ko ari we muyobozi w'Abisiraheli. Ntibari abe, ariko bari ab'Imana. Yasabye Imana ati: " ubwoko bwawe wakuje . . . imbaraga nyinshi n'amaboko menshi. Ni iki cyatuma uvugisha Abanyegiputa bati: 'Kubagirira nabi ni ko yabakuriye ino, ngo ibicire mu misozi miremire, ibarimbure, ibakure mu isi'?" {AA 212.5}

Mu mezi make uhereye igihe Abisiraheli baviriye mu Misiri, inkuru yo gucungurwa kwabo gutangaje yari yarakwiriye mu mahanga yose yari abakikije. Abo bapagani bari bafite ubwoba kandi bahangayikishijwe n'ibigiye kuba. Bose bari bategereje kureba icyo Imana ya Isiraheli izakorera ubwoko bwayo. Iyo barimburwa ubwo, abanzi babo bari kuba batsinze maze Imana igasuzugurika. Abanyegiputa bari kuvuga ko ibyo babashinjaga byari ukuri, ko aho kujyana abantu bayo mu butayu gutamba ibitambo, yari kuba itumye baba ibitambo. Ntabwo abo bapagani bari kwita ku byaha by'Abisiraheli, ahubwo kurimbuka kw'ishyanga Imana yari yarahaye icyubahiro byajyaga gusuzuguza izina ryayo. Mbega uburyo abo Imana yahaye icyubahiro cyinshi bafite inshingano ikomeye yo gutuma izina ryayo rihabwa ikuzo mu isi! Mbega uburyo bari bakwiriye kwingengesera bakirinda gukora icyaha, ngo bihamagarire iteka ry'Imana kandi batume izina ryayo ritukwa n'abatayubaha! {AA 212.6}

Ubwo Mose yasabiraga Abisiraheli, kudatinyuka kwe kwazimiriye mu kwita cyane no

gukunda abo yari yarabereye igikoresho cyo gukorerwa byinshi akoreshejwe n’Imana. Uwiteka yateze amatwi kwinginga kwe, maze isubiza isengesho rye ritarangwaga no kwikunda. Imana yari yagerageje umugaragu wayo, yari yagenzuye ubudahemuka bwe n’urukundo yakundaga ubwo bwoko buyoba vuba kandi bw’indashima, kandi Mose yari yarihanganiye icyo kigeragezo aragitsinda. Gutunganirwa kw’ubwoko bw’Imana bwatoranyijwe kwamurutiraga icyubahiro cye bwite ndetse n’amahirwe yo kuba se w’ishyanga rikomeye. Imana yanejejwe n’ubudahemuka bwe, kwiyoroshya kwe mu mutima ndetse n’ubunyangamugayo bwe, maze imuha inshingano ikomeye yo kujyana Isiraheli mu Gihugu cy’Isezerano nk’umushumba w’indahemuka. {AA 213.1}

Ubwo Mose na Yosuwa bamanukaga bavuye ku musozi, Mose atwaye “ibisate byanditsweho amategeko,” bumvise urusaku ruturutse muri ya mbaga y’abantu bari batwawe kandi bavuza induru bikomeye. Kuri Yosuwa wari umusirikari, icyo yatekereje mbere ni uko yibwiye ko abanzi babo babateye. Yaravuze ati: “Urwo rusaku ni urw’intamabara, iri mu ngando.” Ariko Mose yamenye neza imiterere y’uko kuvurungana. Urwo rusaku ntirwari urw’intamabara ahubwo rwari urwo gukina. Mose yaramubwiye ati: “Iryo jwi si urusaku rw’abasakurishwa no kunesha: ahubwo ndumva amajwi y’ababyina.” {AA 213.2}

Ubwo bageraga hafi y’aho Abisiraheli bari babambye amahema yabo, babonye abantu basakuza kandi babyina bazenguruka ikigirwamana cyabo. Ryari iteraniro rya gipagani, kandi kwari ukwigana iminsi mikuru yo mu Misiri yo gusenga ibigirwamana; nyamara se kuramya Imana no kuyubaha kwabo byari bihabanye n’ibyo bite! Mose yarumiwe bikomeye. Ni ho yari akiva imbere y’ubwiza bw’Imana, kandi nubwo yari yabwiwe ibiri kuba, ntabwo yari yiteguye ayo marorerwa ateye ubwoba yerekanaga guta agaciro kw’Abisiraheli. Mu rwego rwo kwerekana uburakari icyaha cyabo cyamuteye, yakubise hasi bya bisate by’amabuye, maze bimenekera imbere y’abantu, byerekanaga ko ubwo bishe isezerano ryabo n’Imana, Imana nayo ihagaritse isezerano ryayo na bo. {AA 213.3}

Mose yinjiye mu nkambi, anyura muri iyo mbaga y’abantu babyinaga, afata cya kigirwamana, akijugunya mu muriro. Arangije aragisya gihinduka ifu ayimisha mu kagezi kavaga mu musozi maze amazi yako ayanywesha abo bantu. Muri ubwo buryo herekanywe akamaro gake cyane k’icyo kigirwamana basengaga. {AA 213.4}

Uwo muyobozi ukomeye ahamagaza umuvandimwe we wakoze icyaha maze amubaza amukangara ati: “Aba bantu bakugiriye iki, cyatumye ubazanira icyaha gikomeye?” Aroni yagerageje kwiregura avuga ibyo abantu bamusabye kubakorera, yuko iyo atabemerera bajyaga kumwica. Yaravuze ati: “Databuja, uburakari bwawe ntibugurumane: uzi aba bantu, yuko berekeje imitima ku bibi. Barambwiye bati: ‘Turemere imana yo kutujya imbere, kuko wa wundi Mose, umuntu wadukuye mu

gihugu cya Egiputa, tutazi icyo abaye.’ Nanjye ndababwira nti: ‘Ufite izahabu wese ayikature.’ Nuko barazimpa, nzijugunya mu muriro, havamo iki kimasa.” Yashatse kwemeza Mose yuko habaye igitangaza, yuko ku bw’imbaraga idasanzwe izahabu yajugunye mu muriro maze igahinduka inyana. Ariko inzitwazo zose n’ibyo yireguzaga byose nta cyo byari bivuze. Yafashwe rwose nk’umugome mukuru. {AA 213.5}

Kuba Aroni yari yarahawe umugisha kandi agahabwa icyubahiro kurusha abandi ni byo byatumye icyaha cye kiba inkoraruguma bene ako kageni. Ni Aroni, “uwera w’Uwiteka” (Zaburi 106.16), wakoze icyo kigirwamana maze atangaza ibirori. Ni we wari warashyizweho ngo abe umuvugizi wa Mose, kandi ni nawe Imana ubwayo yari yarahamije ibye iti: “Nzi yuko ari intyoza” (Kuva 4:14). Ni we wananiwe gucyaha abo basengaga ibigirwamana mu mugambi wabo wo kugomera Imana. Aroni ubwe Imana yari yarakoresheje icira amateka Abanyamisiri n’ibigirwamana byabo, yari yarumvise abantu bavugira imbere y’ishusho iyagijwe bati: “Iki ni cyo mana yawe, wa bwoko bw’Abisiraheli we, yagukuye mu gihugu cya Egiputa,” maze ntiyagira icyo abikoraho. Ni we wari kumwe na Mose ku musozi kandi yari yarahaboneye ikuzo ry’Uwiteka. Ni we wari warabonye ko mu kwigaragaza kw’iryo kuzo, nta kintu cyashoboraga gushushanywa na ryo, nyamara ni we wahinduye iryo kuzo mo igisa n’ikimasa. Aroni Imana yari yarahaye kuyobora abantu mu gihe Mose adahari, yabonetsweho no kwemera ubugome bwabo. “Kandi Uwiteka arakarira Aroni cyane, ashaka kumurimbura.” {AA 214.1}

(Gutegeka Kwa Kabiri 9:20). Ariko Imana yumviye gutakamba kwa Mose maze Aroni ntiyagira icyo imutwara; bityo yihana icyo cyaha cye gikomeye yicishije bugufi, yongera kwakirwa n’Imana. {AA 214.2}

Iyo Aroni agira ubutwari bwo guhagararira ukuri atitaye ku ngaruka byamuzanira, aba yarahagaritse ubwo buhakanyi. Iyo aza gukomera ku kubaha Imana kwe ashikamye, iyaba yarahaye abantu urugero rw’ibyabereye kuri Sinayi kandi akabibutsa isezerano rikomeye bagiranye n’Imana ko bazumvira amategeko yayo, ikibi kiba cyarakomwe imbere. Ariko kwemeranya n’ibyifuzo by’abantu kwe ndetse n’uburyo butuje yakoranye agashyira mu bikorwa imigambi yabo, byabateye ubutwari bwo kwimbika mu cyaha kurenza uko byari byarinjiye mu ntekerezo zabo mbere. {AA 214.3}

Ubwo Mose yagarukaga mu nkambi, agahangana n’ibyo byigomeke, gucyaha kwe gukaze ndetse n’uburakari yagaragaje akamena ibisate byera byari byanditsweho amategeko, abantu babonye ko iyo myifatire itandukanye cyane n’imvugo ishimishije ya Aroni ndetse n’inyifato ye yubahwa, bityo bumva bikundiye Aroni. Ubwo yashakaga kwikuraho icyaha, Aroni yageraageje gushinja abantu yuko ari bo bamuciye intege bagatuma yemera ibyo bamusabaga; nyamara n’ubwo byari bimeze bityo akabibagerekaho, bari bishimiye cyane yuko yari umugwaneza kandi akagira

kwihangana. Ariko ntabwo Imana ireba nk'uko abantu beraba. Umutima Aroni yari afite wo kwemera ibyo abwiwe ndetse n'icyifuzo cye cyo kunezeza abantu byari byarahumye amaso ye ntiyabona uburemere bw'icyaha yemereraga abantu gukora. Ibyo yakoze mu gutuma icyaha kibona akito mu Bisiraheli byahitanye abantu ibihumbi byinshi. Mbega ukuntu imikorere ya Mose yari inyuranye cyane n'iyi. Igihe Mose mu budahemuka bwe yashyiraga mu bikorwa iteka Imana yari iciye, yagaragaje ko kumererwa neza kw'Abisiraheli abirutisha gutunganirwa, icyubahiro ndetse no kubaho. {AA 214.4}

Mu byaha byose Imana izahana, nta gikomeye cyane mu maso hayo nk'ibyaha bishishikariza abandi gukora ikibi. Imana yifuza yuko abagaragu bayo bagaragaza ko ari indahemuka babikoresheje gucyaha icyaha badakebakeba, uko byababaza kose. Abantu bahawe inshingano n'Imana ntibakwiriye kuba abanyantege nke, batwarwa n'ibitekerezo by'abandi kubwo kugira ubwira. Ntibakwiriye kurangamira ikuzo ryabo bwite, cyangwa kwihunza inshingano ziruhije, ahubwo bakwiriye gukorana umurimo w'Imana ubudahemuka badacogora. {AA 215.1}

Nubwo Imana yari yarumviye gusaba kwa Mose ntirimbure Abisiraheli, ubuhakanyi bwabo bwagombaga guhanwa by'intangarugero. Kwica amategeko no kutumvira Aroni yari yaremereye abantu ko bagwamo, iyo kudahita guhanwa, kwajyaga guhindukamo ubugome bukomeye cyane bityo kugashora iryo shyanga mu kurimbuka kudasuburwaho. Ikibi kigomba kwamaganwa bikomeye nta kubabarira. Mose yahagaze imbere y'aho babambye amahema maze aravuga ati: "Uri mu ruhande rw'Uwiteka wese ansange." Abatari bifatanyije n'abandi mu buhakanyi bagomabaga guherera iburyo bwa Mose; abari bacumuye ariko bakemera kwihana bo bagombaga guherera ibumoso. Iryo tegeko ryarubahirijwe. Byaje kugaragara ko umuryango wa Lewi ari wo utaragize uruhare mu kuramya cya kigirwamana. No mu yindi miryango hari benshi, nubwo bari bacumuye, noneho bagaragaje ko bashaka kwihana. Nyamara umubare munini, ariko cyane cyane "ikivange cy'abanyamahanga" bari bazanye igitekerezo cyo kurema cya kigirwamana, bakomeje kwinangira mu kwigomeka. Noneho mu izina ry'Uwiteka Imana y'Abisiraheli, Mose yategetse abari bahagaze iburyo bwe, batayandurishije gusenga ibigirwamana, kwambara inkota zabo maze bakica abantu bose bakomeje kwigomeka. "...kuri uwo munsi hagwa abantu nk'ibihumbi bitatu." Hatitawe ku cyubahiro cy'umuntu, ubuvandimwe cyangwa ubucuti, ba nyambere mu bibi barishwe; ariko abihannye bose kandi bakicisha bugufi ntacyo babatwaye. {AA 215.2}

Abantu bakoze uyu murimo uteye ubwoba wo guca iteka babikoraga babitegetswe n'Imana, bashyira mu bikorwa iteka Umwami w'ijuru yari yaciye. Mu buhumyi bwabo bwa kimuntu, abantu bakwiriye kwitondera uko bagaya nuko bacira urubanza bagenzi babo; ariko iyo Imana ibategetse gusohoza iteka ryayo yaciriye gukiranirwa, bagomba

kuyumvira. Abakoze icyo gikorwa giteye agahinda bagaragaje uko banga urunuka kugoma no gusenga ibigirwamana, kandi birunduriye byimazeyo mu gukora umurimo w'Imana nyakuri. Uwiteka yabashimiye kuba indahemuka kwabo maze aha umuryango wa Lewi isumbwe ryihariye ku bandi. {AA 215.3}

Abisiraheli bari barahamwe n'ubugambanyi, kandi ubwo bugambayi babukoreye Umwami wari warabasagijeho imigisha ndetse ubwabo babyihitiyemo bari bararahiriye kumvira ubutware bwe. Kugira ngo ingoma y'Imana ikomeze iganze, abagambanyi bagomba gucirwa urubanza rutabera. Nyamara n'aha ngaha imbabazi z'Imana zarahagaragaye. Nubwo Imana yashikamye ku mategeko yayo, yahaye abantu bose umudendezo wo guhitamo n'amahirwe yo kwihana. Abantu bishwe ni abakomeje kwinangira mu bwigomeke gusa.

{AA 215.4}

Byari ngombwa ko iki cyaha gihanwa kugira ngo kibe igihamya ku mahanga yari abakikije kibereka uko Imana yanga gusenga ibigirwamana. Mu guciraho iteka abakoze icyaha, Mose nk'igikoresho cy'Imana, yagombaga gusiga inyandiko yeruye kandi igaragarira bose irwanya icyaha cyabo. Uhereye icyo gihe iyo Abisiraheli bari kujya baciraho iteka gusenga ibigirwamana kwakorwaga n'amoko abakikije, bityo abanzi babo bajyaga kubahindukirana bakabashinja ko ubwoko bwavugaga ko Yehova ari Imana yabwo bwari bwararemye inyana maze buyisengera i Horebu. Bityo nubwo nta kundi bajyaga kugira uretse kwemera ukuri kwabakozaga isoni, Abisiraheli bagombaga kubereka ihererezo riteye ubwoba ry'abacumuye ku Mana, nk'igihamya cy'uko icyaha cyabo kitigeze gishyigikirwa. {AA 215.5}

Urukundo ruhwanye n'ubutabera rwasabye ko iki cyaha gihanirwa. Imana ni umurinzi n'umwami w'ubwoko bwayo. Irimbura abantu biyemeje kwihandagaza mu bwigomeke kugira ngo batayobora abandi mu irimbukiro. Igihe Imana itarimburaga Kayini, yeretse isanzure ryose icyajyaga kuba ingaruka zo kureka icyaha ntigihanwe. Ibyo imibereho ya Kayini yatoje abamukotseho ndetse n'inyigisho ze byateye abantu gusaya mu byaha bituma isi yose igera aho igomba kurimbuzwa Umwuzure. Amateka y'ababayeho mbere y'Umwuzure ahamya ko kurama atari umugisha ku munyabyaha; ko kwihangana gukomeye kw'Imana kutemereye ubugome bwabo gukomeza. Uko baramaga cyane ni ko barushagaho gusaya mu bibi. {AA 216.1}

No kuri Sinayi byari uko. Iyo uko kugomera Imana kudahita guhanwa, ingaruka nk'izo zari kongera kubaho. Isi yajyaga guhenebera mu byaha nk'uko byabaye mu gihe cya Nowa. Iyo abo bagome barekwa, hajyaga gukurikiraho ibibi bisumba ibyavuye ku kutarimbura ubugingo bwa Kayini. Imbabazi z'Imana ni zo zatumye abantu ibihumbi bababazwa, kugira ngo bye kuba ngombwa ko za miliyoni zicirwaho iteka. Kugira ngo Imana ikize benshi igomba kugira bake ihana. Byongeye kandi, kubera ko abantu bari

bararetse kuyoboka no kumvira Imana, bari batagifite uburinzi bwayo, kandi kuba ishyanga ryose ryari ritakirinzwe byatumye riba aho rishobora kwigarurirwa n'abanzi babo. Iyo ikibi kidahita cyamaganwa, bidatinze Abisiraheli bari guhinduka iminyago y'abanzi babo bakomeye kandi benshi cyane. Kubw'ibyiza by'Abisiraheli ndetse n'icyigisho ku bisekuruza byose byakurikiyeho, byari ngombwa ko icyo cyaha gihita gihanwa. Kandi abanyabyaha ubwabo ntibajyaga kuba bagiriwe imbabazi nkeya babujijwe gukomeza mu nzira yabo mbi. Iyo barekwa bagakomeza kubaho, uwo mutima watumye bigomeka ku Mana wajyaga kugaragarira mu nzangano n'amakimbirane hagati yabo ubwabo, amaherezo bakarimburana. Urukundo Imana yakundaga abatuye isi, uko yakundaga Abisiraheli ndetse n'abayigomeye ni rwo rwatumye icyo cyaha gihanwa by'ikubagahu kandi bikomeye. {AA 216.2}

Igihe abantu bakangurirwaga kureba uburyo icyaha cyabo gikomeye, ubwoba bwakwiye mu nkambi yose. Batinye ko uwacumuye wese yagombaga kwicwa. Ariko Mose agize impuhwe kubera umubabaro wabo, yabasezeraniye kongera kubingingira Imana. {AA 216.3}

Mose abwira abantu ati: "Mwakoze icyaha gikomeye, none ndazamuka nsange Uwiteka, ahari ndabona uko mbitwarira." Yaragiye maze mu gusaba kwe ari imbere y'Imana aravuga ati: "Ubwo bwoko bwakoze icyaha gikomeye koko, bwiremeye imana y'izahabu. Ariko wakwemera kubababarira icyaha cyabo, byaba byiza: ariko nutabyemera, mpanagura unkure mu gitabo cyawe wanditse." Igisubizo yahawe cyabaye iki: "Uncumuyeho wese, ni we nzahanagura mukure mu cyanjye. None genda, ujyane abantu aho nakubwiraga; dore marayika wanjye arakujya imbere: ariko ku munsi wo guhora nzabahora icyaha cyabo." {AA 216.4}

Mu isengesho rya Mose, intekerezo zacu zerekezwa ku bitabo byo mu ijuru ibyo amazina y'abantu bose yanditswemo, kandi ibikorwa byabo, byaba byiza cyangwa bibi, byandikwamo nk'uko biri. Igitabo cy'ubugingo kirimo amazina y'abantu bose bigeze kwinjira mu murimo w'Imana. Nihagira abo muri bo bitandukanya n'Imana, maze kubwo kwinangira bakaguma mu cyaha bityo amaherezo ntibumvire ibyo Mwuka Wera wayo ababwira, amazina yabo azahanagurwa mu gitabo cy'ubugingo igihe cyo guca imanza, kandi ubwabo ni bo bazaba bihitiyemo kurimbuka. Mose yabonye uburyo iherezo ry'umunyabyaha ryari kuba riteye ubwoba; nyamara niba Abisiraheli baragombaga kurekwa n'Uwiteka, Mose yasabye yuko izina rye rihanagurwa mu gitabo hamwe n'ayabo. Ntiyajyaga kwihanganira kubona iteka ry'Imana rigera ku bari barakijijwe mu buryo bw'igitangaza nk'ubwo. Uko kwinginga kwa Mose asabira Abisiraheli ni icyitegererezo cy'umurimo w'ubuhuza Kristo akorera abanyabyaha. Ariko Uwiteka ntiyemeye ko Mose abarwaho icyaha cy'abacumuye nk'uko Kristo yabigenje. Uwiteka yaravuze ati: "Uncumuyeho wese, ni we nzahanagura mukure mu gitabo cyanjye." {AA 216.5}

Abantu bahambye bene wabo bapfuye bafite agahinda kenshi. Ibihumbi bitatu byari byishwe n’inkota; kandi bidatinze mu nkambi yabo hari hadutse icyorezo; maze noneho bagezwaho n’ubutumwa buvuga ko Imana itazongera kujyana na bo mu ngendo zabo. Yehova yari yavuze ati: “Muri ubwoko butagonda ijosi; nagendera hagati muri mwe n’akanya gato, nabarimbura.” Noneho bahawe iri tegeko ngo: “Nuko mwiyambure iby’umurimbo byanyu, kugira ngo menye uko mbagenza.” Habayeho umuborogo mu nkambi yose. Mu kwihana no kwicisha bugufi, “Abisiraheli biyambura iby’umurimbo byabo batangirira ku musozi Horebu.” {AA 217.1}

Hakurikijwe amabwiriza yatanzwe n’Imana, rya hema basengeragamo by’igihe gito ryakuweho “rishingwa hirya y’ingando z’amahema yabo, ahahitaruye.” Icyo cyari ikindi gihamya cyerekana ko Imana yakuye ubwiza bwayo hagati yabo. Imana yari igiye kujya yihishurira Mose atari abo bantu bameze batyo. Bababajwe cyane no gucyahwa ako kageni, kandi ku bantu bari bashegeshwe mu mitima byasaga n’aho ibindi byago birutaho bigiye kuza. Bibazaga niba Uwiteka atakuye Mose mu nkambi kugira ngo abone uko abarimbura bikomeye. Nyamara ntibasigaye abatagira ibyiringiro. Iryo hema ryashinzwe hirya y’ingando y’amahema yabo ariko Mose aryita “ihema ry’ibonaniro.” Abashakaga kwihana by’ukuri bose kandi bifuzaga kugarukira Uwiteka boherezwaga yo kwatura ibyaha byabo no gusaba imbabazi. Iyo basubiraga mu mahema yabo, Mose yinjiraga mu ihema ry’ibonaniro. Abantu bategerezanyaga intimba kureba ikimenyetso cy’uko ibyo yabasabiye byemewe. Iyo Imana nkingi y’igicu yamanukaga maze igahagarara ku muryango wa rya hema ry’ibonaniro, abantu barizwaga n’ibyishimo maze “bagahaguruka, umuntu wese akikubita hasi mu muryango w’ihema rye.” {AA 217.2}

Mose yari azi neza ubugome n’ubuhumyi by’abo yari ashinzwe; yari azi ingorane agomba guhangana nazo. Ariko yari yaramenye ko kugira ngo akomeze kuyobora abantu, yagombaga gufashwa n’Imana. Yarasenze kugira ngo arusheho guhishurirwa ubushake bw’Imana kandi asabira kugira ngo ahabwe icyizere cy’uko Imana izabana na bo. Mose yaringinze ati: “Dore, ujya untegeka uti, ‘ Jyana ubu bwoko’, ntumenyeshe uwo udutumanye, Ariko waravuze uti: ‘Nkuzi izina, kandi wangiriyeho umugisha.’ Nuko niba nkugiriyeho umugisha koko, nyereka imigambi yawe, kugira ngo nkumenye, mbone uko ndushaho kukugiriraho umugisha: kandi wibuke yuko ubu bwoko ari ubwawe.” {AA 217.3}

Igisubizo yahawe ni iki ngo: “Ubwanjye nzajyana nawe, nkuruhure.” Ariko Mose yari ataranyurwa. Umutima wa Mose wari uremerewe no gutekereza ingaruka zikomeye zashoboraga kubaho iyo Imana irekera Abisiraheli mu kwigomeka kwabo no kutihana. Mose ntiyashoboraga kwihanganira ko inyungu zitandukanywa n’iz’abavandimwe be, bityo yasabye ko Imana yakongera kugirira ineza ubwoko bwayo, kandi ikimenyetso cy’uko iri kumwe na bo kigakomeza kubayobora mu ngendo zabo. Yaravuze ati:

“Ubwawe nutajyana natwe, ntudukure ino. Ikizamenyekanya yuko jye n’ubwoko bwawe twakugiriyeho umugisha ni iki? Si uko ujyana natwe, bigatuma jye n’ubwoko bwawe dutandukanywa n’amahanga yose yo ku isi?” {AA 217.4}

Maze Uwiteka aravuga ati: “N’icyo uvuze icyo ndagikora; kuko wangiriyeho umugisha, nkakumenya izina.” Uwo muhanuzi ntiyarekeye aho kwinginga. Isengesho ryose yari yasenze ryari ryasubijwe, ariko yashakaga cyane kubona ibimenyetso bikomeye by’uko Imana izabagirira neza. Noneho yasabye ikitigeze gusabwa n’ umuntu uwo ari we wese ati: “Nyereka ubwiza bwawe burabagirana.” {AA 218.1}

Ntabwo Imana yarwanyije uko gusaba kwe nk’aho ari ukutizera; ahubwo yamubwiye amagambo neza igira iti: “Ubwanjye nzanyuza kugira neza kwanjye kose imbere yawe.” Nta muntu wambaye uyu mubiri upfa ubasha kureba ubwiza bw’Imana butwikuruwe ngo abeho; ariko Mose yasezeraniwe ko ashobra kwitegereza ubwiza bwayo uko ashoboye kose. Yongeye guhamagarirwa kujya mu mpinga y’umusozi; hanyuma ukuboko kwaremye isi, kwa kuboko “kwimura imisozi itabimenye” (Yobu 9:5), kwafashe icyo kiremwa cyakuwe mu mukungugu, uwo muntu wari ukomeye mu kwizera maze kumushyira mu busate bw’urutare, mu gihe ubwiza bw’Imana no kugira neza kwayo kose byamunyuraga imbere. {AA 218.2}

Ibyo byabaye- ndetse ikirutaho isezerano Mose yahawe ko Imana izabana nawe ikamufasha- kuri Mose cyari igihamya cy’uko azagira guhirwa mu murimo wari uri imbere ye; bityo ibyo abirutisha cyane ubwenge bwose yigiye mu Misiri cyangwa ibyo yari yaragezeho nk’umuyobozi ukomeye cyangwa nk’umugaba w’ingabo. Nta bushobozi bwo ku isi cyangwa ubuhanga cyangwa ubwenge byashobora gusimbura ubwiza bw’Imana bubana n’abantu.

{AA 218.3}

Ku munyabyaha, biteye ubwoba gusumirwa n’amaboko y’Imana nzima; ariko Mose yahagaze wenyine imbere y’Ihoraho, ntiyagira ubwoba kubera ko umutima we wari uhuje n’ubushake bw’Umuremyi we. Umuhimbyi wa Zaburi aravuga ati: “Iyaba naribwiraga ibyo gukiranirwa mu mutima wanjye, Uwiteka ntaba anyumviye.” (Zaburi 66:18). Ariko “amabanga y’Uhoraho ayahishurira abamwubaha, ibyo yabasezeranyije ni byo abibutsa.” Zaburi 25:14.

{AA 218.4}

Imana yarivuze iti: “Uwiteka, Uwiteka, Imana y’ibambe n’imbabazi, itinda kurakara, ifite kugira neza kwinshi n’umurava mwinshi; igumanira abantu imbabazi, ikageza ku buzukuruza babo b’ibihe igihumbi, ibababarira gukiranirwa n’ibicumuro n’ibyaha: ntitsindishiriza na hato abo gutsindwa.” “Mose yihuta gucurika umutwe yunamye,

yikubita hasi.” Mose yongeye gusaba Imana kugira ngo ibabarire ibyaha by’ubwoko bwayo, kandi ibajyane mu murage wayo. Gusaba kwa Mose kwarumviwe. Ku bw’ ubuntu bwe, Uwiteka yamuseraniye ko agiye kongera kugirira neza Abisiraheli kandi akabakorera ibitangaza bitigeze gukorwa “mu isi yose cyangwa mu ishyanga iryo ari ryo ryose.” {AA 218.5}

Mose yamaze kuri uwo musozi iminsi mirongo ine n’amajoro mirongo ine; kandi nk’uko byabaye mbere, muri iki gihe cyose, ubuzima bwa Mose bwitaweho mu buryo bw’igitangaza. Nta muntu wemerewe kuzamukana nawe cyangwa ngo hagire umuntu wegera uwo musozi mu gihe yari atari kumwe n’Abisiraheli. Nk’uko Imana yari yamutegetse, yari yabaje ibisate by’amabuye bibiri maze abizamukana mu mpinga y’umusozi; na none Uwiteka yongera “kwandika kuri bya bisate by’amabuye amagambo y’isezerano, ni yo ya Mategeko Cumi.” {AA 218.6}

Muri icyo gihe kirekire Mose yamaze asabana n’Imana, mu maso ha Mose harabagiranaga ikuzo ry’Imana. Mose ntiyari azi ibyamubayeho ariko ubwo yamanukaga uwo musozi, mu maso he hagaragaraga umucyo. Umucyo nk’uwo ni wo warabagiranye mu maso ha Sitefano igihe bamuzanaga imbere y’abacamanza nuko “abicaye mu rukiko bose bamutumbiriye babona mu maso ha Sitefano hasa n’aha marayika.” (Ibyakozwe n’intumwa 6:15). Aroni na rubanda rwose baramuhunze maze “batinya kumwegera.” Mose abonye umuvurungano wabo n’ubwoba bafite nyamara we atazi impamvu yabyo, yarabinginze ngo bamwegere. Yaberetse igihamya cy’uko Imana yongeye kwiyunga nabo, kandi abahamiriza ko Imana yongeye kubakirana ineza. Mu ijwi rye nta kindi bumvisemo uretse urukundo n’impuhwe, maze hanyuma umwe agerageza kumwegera. Kubera gutangara cyane ntiyashoboraga kuvuga maze atunga urutoke mu maso ha Mose arangije arongera arutunga mu ijuru nta cyo avuze. Uwo muyobozi ukomeye yamenye icyo uwo muntu ashaka kuvuga. Kubera inkomanga itewe n’icyaha bari bakoze, bumvaga Imana ikibarakariye, bityo ntibashoboraga kwihanganira umucyo uturutse mu ijuru. Iyo baba barumviye Imana, uwo mucyo uba warabujuje umunezero. Ufite inkomanga y’icyaha agira ubwoba. Umutima utarangwamo icyaha ntuzifuza kwihisha ngo uhunge umucyo mvajuru. {AA 219.1}

Mose yari afite ibintu byinshi ashaka kubabwira; bityo kubera impuhwe yari abafitiye kubw’ubwoba bwabo, yatwikiriye mu maso he kandi akomeza kujya agenza atyo na nyuma yaho iyo yagarukaga mu nkambi avuye kuvugana n’Imana. {AA 219.2}

Ikoresheje uko kurabagirana, Imana yashakaga kwereka Abisiraheli imiterere yera kandi ifite isumbwe iranga amategeko yayo, ndetse n’ikuzo ry’ubutumwa bwiza bwahishuriwe muri Kristo. Igihe Mose yari ku musozi, Imana ntiyamuhaye gusa ibisate by’amabuye byanditsweho amategeko, ahubwo yamweretse n’inama y’agakiza. Yabonye ko igitambo cya Kristo cyashushanywaga n’imigenzo n’imihango byo mu gihe

cy’Abayuda; kandi umucyo wo mu ijuru wavaga i Kaluvari, kimwe n’ubwiza bw’amategeko y’Imana, ni byo byatumye mu maso ha Mose harabagirana hatyo. Uko kurabagirana kw’ijuru kwagaragazaga ko Mose ari we muhuza ugaragara ariko uhagarariye Umuhuza nyakuri.

{AA 219.3}

Ubwiza bwagaragaraga mu maso ha Mose bugaragaza imigisha ubwoko bw’Imana bukurikiza amategeko yayo buhabwa binyuze mu murimo w’ubuhuza Kristo akora. Ubwo bwiza bwagaragaye kuri Mose buhamya kandi ko uko turushaho gusabana n’Imana, ni ko turushaho gusobanukirwa n’ibyo idusaba, ni nako kandi tuzarushaho kugira ishusho y’Imana, kandi ni ko duhinduka abasangiye kamere y’Imana. {AA 219.4}

Mose yasuraga Kristo. Nk’uko umuvugizi w’Abisiraheli yitwikiraga mu maso he kubera ko abantu batashoboraga kwihanganira kureba ubwiza bwaho, ni nako Kristo, Umuhuza wavuye mu ijuru, ubwo yazaga ku isi, yatwikirije ubumana bwe umubiri wa kimuntu. Iyo aza yambaye kurabagirana ko mu ijuru, ntiyari gushobora kubona uko yegera abantu mu bunyacyaha bwabo. Ntibajyaga kwihanganira ubwiza bwo kuboneka kwe. Bityo rero, yicishije bugufi, afata “ishusho ya kamere y’ibyaha” (Abaroma 8:3), kugira ngo abashe kugera ku nyokomuntu yacumuye maze ayizahure. {AA 219.5}

IGICE CYA 29 - URWANGO SATANI YANGA AMATEGEKO Y'IMANA

Umuhati wa mbere Satani yakoresheje kugira ngo akureho amategeko y'Imana (yabikoreye mu baturajuru batarangwagamo icyaha), wamaze igihe gito bisa n'aho yageze ku ntego ye. Abamarayika benshi barashutswe; nyamara icyasaga no gutsinda kwa Satani cyamuviriyemo gutsindwa no guhomba, gutandukana n'Imana ndetse no gucibwa mu ijuru. {AA 220.1}

Igihe yongeraga gutangira amakimbirane ku isi, Satani yongeye gusa n'utsinze. Kubwo gucumura, umuntu yabaye imbohe ye, kandi ubwami umuntu yari afite araburekura abushyira mu maboko y'umugome gica. Noneho byasaga n'aho Satani ahawe urubuga rwo gushinga ubwami bwigenga no kugomera ubutegetsi bw'Imana n'Umwana wayo. Ariko inama y'agakiza yatumye bishoboka ko umuntu yongera kwiyunga n'Imana kandi akabasha kumvira amategeko yayo, ndetse umuntu n'isi ubwayo bikabasha gucungurwa mu buryo bwuzuye bigakurwa mu butware bw'umubi. {AA 220.2}

Satani yongeye gutsindwa, maze arongera yitabaza ibinyoma yizeye uko gutsindwa kwe kwahindukamo intsinzi. Noneho kugira ngo azane umwuka wo kwigomeka mu bantu bacumuye, yerekanye ko Imana ibera bitewe n'uko ngo yemereye umuntu kwica amategeko yayo. Umushukanyi ukomeye yaravuze ati: "Ubwo Imana yari izi ingaruka zizabaho, kuki yemereye umuntu kugeragezwa, gukora icyaha kandi akagera mu makuba ndetse n'urupfu? Bene Adamu, bibagiwe imbabazi nyinshi bagiriwe zahaye umuntu andi mahirwe, ntibita ku gitambo gitangaje kandi gikomeye umwami w'ijuru yatanze kubera kwigomeka kwa Satani, maze batega amatwi umushukanyi, binubira Umwe rukumbi wajyaga kubakiza akabakura mu mbaraga irimbura ya Satani. {AA 220.3}

Muri iki gihe, hari abantu ibihumbi byinshi basubira muri uko kwinubira Imana kuzuye ubwigomeke. Ntibabona ko kwima umuntu umudendezo wo kwihitiramo byaba ari ukumwambura uburenganzira bwe nk'ikiremwa gifite ubwenge, ndetse no kumugira igikoresho gisanzwe. Ntabwo umugambi w'Imana ari uguhata ubushake bw'umuntu. Umuntu yaremwe afite umudendezo wo kwihitiramo icyo ashaka. Kimwe n'abaturage b'andi masi yose, kumvira kwe kugomba kugeragezwa; ariko ntagezwa aho kwemera gukora ikibi biba ngombwa. Nta kigeragezo cyangwa igishuko cyemerwa ko kimugeraho adashobora gutsinda. Imana yatanze ibishoboka byose kugira ngo umuntu ntazabashe gutsindwa mu ntambara arwana na Satani. {AA 220.4}

Uko abantu biyongeraga, hafi y'abaturage bose b'isi bagiye mu ruhande rw'ingabo zigometse. Nanone Satani yongeye kuba nk'utsinze, ariko imbaraga z'Ishoborabyose

zongeye gukoma ubugome mu nkokora, bityo Umwuzure weza isi ho guhindana kwayo mu mico mbonera. {AA 220.5}

Umuhanuzi aravuga ati: ” [. . .] iyo amategeko yawe ari mu isi, abaturage bo ku isi biga gukiranuka. Umunyabyaha nubwo urnugirira neza, ntabwo aziga gukiranuka; mu gihugu cyo gukiranuka azahakorera ibyo gukiranirwa, ntazahabonera ubwiza bw’Umwami Imana.” (Yesaya 26:9, 10). Uko ni ko byagenze nyuma y’Umwuzure. Bamaze kurokoka igihano cy’Imana, abari batuye ku isi bongeye kugomera Uwiteka. Incuro ebyiri zose, isi yanze isezerano ry’Imana n’amategeko yayo. Abantu babayeho mbere y’Umwuzure n’abakomotse kuri Nowa bose banze ubuyobozi bw’Imana. Bityo Imana yagiranye isezerano na Aburahamu maze Imana yitoranyiriza abantu bajyaga kubitswa amategeko yayo. Kugira ngo ashuke kandi arimbure abo bantu, Satani yahereyeko atangira gutega imitego ye. Abana ba Yakobo baguye mu mutego wo gushaka abagore mu bapagani ndetse no gusenga ibigirwamana byabo. Ariko Yosefu we yabaye indahemuka ku Mana, kandi ubunyangamugayo bwe bwabaye igihamya gihoraho cyerekana kwizera nyakuri. Kugira ngo azimye uwo mucyo, Satani yakoreye mu ishyari rya bene se wa Yosefu bituma bamugurishwa nk’inkoreragahato mu gihugu cy’abapagani. Nyamara Imana yahagarikiye ibyabaye byose kugira ngo kuyimenya bibashe kugera no ku baturage bo mu Misiri. Ari mu rugo rwa Potifari ndetse no mu nzu y’imbohe, Yosefu yarahigishirijwe kandi arahatorezwa ku buryo hamwe no kubaha Imana, byamuteguriye umwanya ukomeye wo kuba minisitiri w’intebe w’icyo gihugu. Imyitwarire ya Yozefu yahinduye byinshi uhereye ibutware kwa Farawo kugera mu gihugu cyose, bityo Imana imenyekana hirya no hino. Mu Misiri Abaisiraheli bahagiriye imibereho myiza n’ubutunzi bwinshi, kandi kubaha Imana bikwira mu bantu cyane. Ubwo abatambyi bakoreraga ibigirwamana babonaga ko idini nshya ikunzwe, bahagaritse imitima. Bayobowe na Satani n’urwango yanga Imana yo mu ijuru, biyemeje kuzimya uwo mucyo. Abatambyi bari barahawe inshingano yo kurera uwajyaga gusimbura umwami, kandi uyu mwuka wo kwiyemeza kuryanya Imana ndetse n’umuhati mu gusenga ibigirwamana ni wo waremye imico y’uwo wajyaga kuba umwami, kandi utuma Abaheburayo bagirirwa nabi ndetse barakandamizwa. {AA 220.6}

Mu myaka mirongo ine yakurikiye guhunga kwa Mose avuye mu Misiri, gusenga ibigirwamana kwabaye nkaho gutsinze. Uko umwaka wahitaga undi ugataha, ibyiringiro by’Abisiraheli byarushagaho gucogora. Umwami na rubanda birataga imbaraga zabo bagakwena Imana y’Abisiraheli. Uwo mwuka wakomeje gukura kugeza igihe wuzuriye muri Farawo waje guhangana na Mose. Igihe umuyobozi w’Abaheburayo yazaga imbere y’umwami amuzaniye ubutumwa buvuye ku “Uwiteka, Imana ya Isiraheli,” kutamenya Imana nyakuri si ko kwateye Farawo gusubiza ati: “Uwiteka ni nde, ngo mwumvire? Sinzi Uwiteka.” Ahubwo gusuzugura ububasha bwayo

ni byo byabimuteye. Uhereye mu itangira ukageza ku iherezo, kurwanya itegeko ry’Imana kwa Farawo ntibyatewe no kutamenya, ahubwo ni urwango n’agasuzuguro. {AA 221.1}

Nubwo Abanyamisiri bari bararwanyije kumenya Imana igihe kirekire, Uhoraho yakomeje kubaha amahirwe yo kwihana. Mu minsi Yosefu yari umutware, Misiri yari ubuhungiro bw’Abisiraheli. Imana yari yarahawe icyubahiro binyuze mu neza yagiriraga ubwoko bwayo; ariko noneho Imana yihangana cyane, itinda kurakara kandi ikaba n’inyampuhwe zitarondoreka, yahaye urubanza rwose igihe ngo rwuzuze inshingano yarwo. Abanyamisiri bari baragezweho n’umuvumo binyuze mu bigirwamana baramyaga, bari barabonye igihamya cy’ubushobozi bw’Uwiteka, kandi ahashaka bose bajyaga kumvira Imana maze bagakira imanza zayo. Urwango no kwinangira k’umwami byagize ingaruka zo gukwiragiza kumenya Imana bituma Abanyamisiri benshi bitangira gukora umurimo wayo. {AA 221.2}

Kuba Abisiraheli barabaga biteguye kwifatanya n’abapagani no kwigana gusenga ibigirwamana kw’Abanyamisiri, byatumye Imana yemera ko bajya mu Misiri, ahagaragaraga cyane impinduka ziturutse kuri Yozefu kandi hakaba hari umwuka mwiza utuma bakomeza kuba ubwoko bwihariye. Aho niho kandi gusenga ibigirwamana kw’Abanyamisiri n’ubugome bwabo n’ikandamiza ryabo ryaranze imyaka yaherutse igihe Ahaheburayo bamaze mu Misiri, byagombaga gutera Abaheburayo guhungira ku Mana ya ba sekuruza. Nyamara aya mahirwe bari bafite Satani yarayakoresheje kugira ngo agere ku mugambi we, yijimisha intekerezo zabo maze abatera kwigana imigenzo ya ba shebuja b’abapagani. Mu gihe cyo kuba inkoreragahato mu Misiri, Abaheburayo ntibari bemerewe gutamba ibitambo. Kubw’ibyo, intekerezo zabo ntizerekezwaga ku Gitambo gikuru binyuze muri uyu muhango, maze kwizera kwabo gucika intege. Ubwo cyo gucungurwa kwa Isiraheli cyageraga, Satani ubwe yahagurukiye kurwanya imigambo y’Imana. Satani yari yiyemeje ko ubwo bwoko bukomeye bwarengaga miliyoni ebyiri buguma mu bujiji no mu miziro. Ubwoko Imana yari yarasezeraniye ko izaha umugisha kandi ikabugwiza, bukaba ishyanga rikomeye mu isi kandi ikabukoresha kugira ngo ihishurire abantu ubushake bwayo — ubwoko yashakaga kugira ubwoko bukurikiza amategeko yayo — abo bantu ni bo Satani yashakaga kugumisha mu mwijima n’ububata kugira ngo asibanganye kwibuka Imana mu ntekerezo zabo. {AA 221.3}

Igihe ibitangaza byakorerwaga imbere y’umwami, Satani nawe yari aho kugira ngo avuguruze umurimo wabyo kandi abuze Farawo kuzirikana ubutware bukomeye bw’Imana ndetse ye kumvira itegeko ryayo. Satani yakoresheje ubushobozi bwe bwose kugira ngo arwanye umurimo w’Imana n’ubushake bwayo. Icyo byagezeho gusa ni ugutegura inzira yo kwigaragaza gukomeye k’ububasha bw’Imana n’ikuzo ryayo, ndetse no kurushaho kugaragariza Abisiraheli n’Abanyamisiri bose kubaho

n’ubutware bukomeye bw’Imana nyakuri kandi ihoraho. {AA 222.1}

Uwiteka yacunguje Isiraheli ukwigaragaza gukomeye k’ububasha bwe ndetse no guciraho iteka ibigirwamana byose byo mu Misiri. “Akurayo ubwoko bwe bwishimye, intore ze azikurayo ziririmba... kugira ngo bitondere amategeko ye, bakurikize ibyo yategetse” (Zaburi 105:43-45). Yarabarokoye ibakura mu bubata barimo kugira ngo ibajyane mu gihugu cyiza — igihugu yari yarabateguriye kubw’ubuntu bwayo ngo kizababere ubuhingiro bahungiramo abanzi babo, aho bagombaga kuba munsi y’igicucu cy’amababa ye. Yagombaga kubishyira ikabakikiza amaboko yayo ahoraho; bityo mu rwego rwo kwitura iyo neza yose n’imbabazi yabagiriraga nabo basabwaga kudasenga izindi mana uretse Yo, Imana ihoraho kandi bakerereza izina ryayo bakarihesha ikuzo mu isi. {AA 222.2}

Igihe bari bakiri mu buretwa mu Misiri, benshi mu Bisiraheli bari baribagiwe amategeko y’Imana ku rwego rukomeye, kandi bari baravanze amabwiriza y’ayo mategeko n’imigenzo n’imihango bya gipagani. Imana yabajyanye kuri Sinayi maze ihababwirira amategeko yayo ikoresheje ijwi ryayo bwite.

{AA 222.3}

Satani n’abamarayika babi bari bahari. Ndetse n’igihe Imana yatangazaga amategeko yayo iyabwira ubwoko bwayo, Satani yacuraga umugambi wo kubashuka ngo abagushe mu cyaha. Ubu bwoko Imana yari yaratoranyije, Satani yashakaga kubuta kure akabutandukanya n’ijuru. Kubwo kubayobora mu gusenga ibigirwamana, Satani yajyaga kurimbura ibyiza byose byagombaga kuva mu kuramya. None se ni mu buhe buryo umuntu ashobora yazamurwa akagira agaciro binyuze mu kuramya ikintu kitamusumbya agaciro kandi kibasha gushushanywa bikozwe n’umurimo w’amaboko ye? Niba abantu bashobora kuba impumyi ntibabone imbaraga, igitinyiro ndetse n’ikuzo by’Imana ihoraho maze bakayigaragaza bakoresheje igishushanyo kibajwe, cyangwa igikoko cyangwa igikururuka; niba babasha kwibagirwa batyo isano iri hagati yabo n’Imana, abantu baremwe ku ishusho y’Umuremyi wabo, ku buryo bakwikubita hasi imbere y’ibintu bidafite ubwenge — icyo gihe ibibi byaba bifunguriwe inzira; ibyifuzo bibi byo mu mutima byabona icyuho maze Satani akabona urwaho mu buryo bwuzuye. {AA 222.4}

Hasi y’umusozi wa Sinayi, ni ho Satani yatangiriye gutegura umugambi wo gukuraho amategeko y’Imana, maze agakomeza wa murimo yatangiriye mu ijuru. Muri ya minsi mirongo ine Mose yamaze ku musozi ari kumwe n’Imana, Satani yakoraga ubudatuza abyutsa gushidikanya, ubuhakanyi no kwigomeka mu bantu. Ubwo Imana yandikaga amategeko yayo agomba guhabwa ubwoko bwayo bw’isezerano, Abisiraheli bo banze kuba indahemuka ku Uwiteka maze bahugira mu gusaba ibigirwamana bikozwe mu izahabu! Mose avuye guhura n’ubwiza bw’Imana butangaje, afite amategeko

Abisiraheli ubwabo bari barasezeranye kumvira, yasanze basuzuguye amategeko y'Imana ku mugaragaro, bubamye imbere y'igishushanyo cy'izahabu bagisenga.

{AA 223.1}

Ubwo Satani yashoraga Abisiraheli muri uku gutuka Imana bihandagaje, yari yateguye umugambo wo kugira ngo barimbuke. Ubwo bari biyerekanye ko bitesheje agaciro bikomeye, birengagije amahirwe n'imigisha Imana yari yarabahaye kandi bari bararahiriye kenshi ndetse bakomeje ko bazayibera indahemuka, yibwiraga ko Uwiteka azatandukana nabo akabarimbura. Uko ni ko yari kuzimangatanya urubyaro rwa Aburahamu, kandi urwo rubyaro rw'isezerano rwaragombaga gukomeza kumenyekanisha Imana nzima, ndetse muri urwo rubyaro ari ho hajyaga kukomoka Urubyaro nyakuri rwajyaga kuzatsinda Satani. Umugome gica yari yarateguye kurimbura Abisiraheli bityo akaba agwabije imigambi y'Imana. Nyamara na none Satani yongeye gutsindwa. Nubwo Abisiraheli bari abanyabyaha ntabwo barimbuwe. Nubwo kandi abinangiye bakajya mu ruhande rwa Satani batsembwe, abantu bicishije bugufi kandi bakihana barababariwe. Amateka y'iki cyaha cyari cyokozwe yagombaga guhora ari igihamya cy'icyaha n'igihano cyo gusenga ibigirwamana, ndetse n'ubutabera n'imbabazi z'Imana zitagerwa. {AA 223.2}

Isanzure ryose ryitegerezaga ibyaberaga kuri Sinayi. Mu mikorere y'ubwo butegetsi bwombi hagaragaye itandukaniro riri hagati y'ubutegetsi bw'Imana n'ubwa Satani. Abaturage bo mu masi atarigeze acumura bongeye kubona ingaruka z'ubuhakanyi bwa Satani ndetse basobanukirwa n'ubwoko bw'ubutegetsi aba yarashinze mu ijuru iyo aza kwemererwa kugira ubutware. {AA 223.3}

Mu gutera abantu kwica itegeko rya akbiri, Satani yari agambiriye gusigingiza uko basobanukiwe Imana. Kubwo kubatera kwirengagiza itegeko rya kane, atera abantu no kwibagirwa Imana. Kuba Imana idusaba kuyubaha no kuyisenga tukayirutisha ibigirwamana by'abapagani, biba bishingiye ku mpamvu yuko ari yo Muremyi kandi ko ibindi bintu byose bibaho ari yo bikesha kubaho. Uko ni ko bivugwa muri Bibiliya. Umuhanuzi Yeremiya aravuga ati: "Ariko Uwiteka ni we Mana nyamana; ni Imana ihoraho, ni Umwami w'ibihe byose . . . imana 'isi, zizacibwa ku isi no munsi y'ijuru. Imana ni yo yaremye isi n'imbaraga zayo, isi n'abayirimo yayikomeresheje ubwenge bwayo, ijuru yaribambishije ubuhanga bwayo." "Umuntu wese ahindutse nk'inka, nta bwenge agira; umucuzi w'izahabu wese yakojejwe isoni n'igishushanyo yicuriye; kuko igishushanyo cye cyayagijwe ari ibinyoma, kandi nta mwuka ubirimo. 'Ni iby'ubusa, ni umurirno w'ubushukanyi: ku munsi wo guhanwa kwabyo bizarimbuka. Ibera Yakobo gakondo ntimeze nk'ibyo; kuko ari yo Banze ry'ibintu byose; kandi Isirayeli ari umuryango w'umwandu wayo. Uwiteka Nyiringabo ni ryo zina rye." (Yeremiya 10:10-12,14 -16). Isabato, nk'urwibutso rw'ububasha bw'Imana bwo kurema, yerekana ko

Imana ari Umuremyi w’ijuru n’isi. Kubw’ibyo rero, ni igihamya gihoraho cyerekana ko Imana iriho kandi ikatwibitsa gukomera kwayo, ubwenge n’urukundo byayo. Iyaba Isabato yarahoraga yezwa ukubahrizwa, ntihajyaga kubaho habaho umuntu uhakana Imana cyangwa usenga ibigirwamana. {AA 223.4}

Isabato yatangiriye muri Edeni, inganya ubukuru n’isi ubwayo. Yubahirizwaga n’abakurambere bose, uhereye mu irema ugakomeza. Mu gihe cy’uburetwa mu Misiri, Abisiraheli bahatirwaga n’abakorershaga uburetwa kwica Isabato, maze bituma bibagirwa ukwera kwayo ku rwego rukomeye. Ubwo amategeko yatangarizwaga kuri Sinayi, amagambo ya mbere y’itegeko rya kane yari aya ngo: “Wibuke kweza umunsi w’Isabato” - byerekana yuko Isabato itashyizweho icyo gihe. Twerekwa ko inkomoko yayo ari mu irema. Kugira ngo Satani asibanganye Imana mu ntekerezo z’abantu, yagambiriye gusenya urwo rwibutso rukomeye. Abantu babashije kugezwa aho bibagirwa Umuremyi wabo, ntibagerageza kurwanya imbaraga y’ikibi, kandi Satani yakwizera neza umuhigo we. {AA 224.1}

Urwango Satani yanga amategeko y’Imana rwamuteye kurwanya itegeko ryose ryo mu Mategeko Cumi. Itegeko ryo gukunda no kubaha ababyeyi rifitanye isano ya bugufi n’itegeko rikomeye ryo gukunda no kuba indahemuka ku Mana yo Mubyeyi wa bose. Gusuzugura ubutware bw’ababyeyi bidatinze bizatera umuntu gusuzugura n’ubutware bw’Imana. Ni yo mpamvu Satani akoresha imbaraga nyinshi kugira ngo ace intege ibyo itegeko rya gatanu risaba. Mu mahanga menshi y’abapagani, ihame rivugwa muri iri tegeko ryahabwaga agaciro gake. Mu bihugu byinshi ababyeyi baratereranwaga cyangwa bakicwa igihe cyose babaga batagishoboye kwifasha kubera ubusaza. Mu muryango umubyeyi w’umugore yahabwaga icyubahiro gike, kandi iyo umugabo we yapfaga, yabaga asabwe kumvira umuhungu we w’imfura. Kumvira ababyeyi kw’abana kwategetswe na Mose; ariko igihe Abisiraheli bitandukanyaga n’Uwiteka, itegeko rya gatanu n’ayandi, ntiyari acyitabwaho. {AA 224.2}

Satani “yahereye kera kose ari umwicanyi” (Yohana 8.44); kandi kuva igihe yagiriye ububasha ku bantu, ntiyabateye kwangana no kwicana gusa, ahubwo, ikirenze kwihandagaza bagasuzugura ubutware bw’Imana, yatumye kwica itegeko rya gatandatu biba kimwe mu bigize idini ryabo. {AA 224.3}

Kubera kugira imyumvire igoretswe ku byerekeye imico y’Imana, amahanga y’abapagani yagejejwe aho yizera ko gutamba ibitambo by’abantu ari ngombwa kugira ngo kugira ngo imana zabo zibagirire neza; bityo ubugizi bwa nabi bw’indengamere bwagiye bukorwa binyuze mu buryo bwinshi bwo gusenga ibigirwamana. Bumwe muri ubwo bugizi bwa nabi harimo imihango yo gucisha abana babo mu muriro imbere y’ibigirwamana byabo. Iyo hagiraga umwe muri bo ucamo akavamo atagize icyo aba, abantu bizeraga ko ibitambo byabo byemewe. Uwakiraga muri ubwo buryo yavugwaga

ko imana zamugiriye neza mu buryo bw'umwihariko, bakamuha ibintu byinshi, maze nyuma yaho bakazajya bahora bamwubaha cyane. Uko ibikorwa bye by'urugomo byabaga bibi kose, bene uwo muntu ntiyigeraga ahanwa. Ariko iyo umuntu yanyuraga mu muriro agashya, ibye byabaga birangiye. Bizeraga ko umujinya w'ibigirwamana washobora gucubywa gusa n'uko bishe uwo muntu, bityo agatangwaho igitambo. Mu bihe by'ubuhakanyi bukomeye bene ibi bizira byari byiganje ndetse no mu Bisirayeli ku rugero runaka. {AA 224.4}

Kwica itegeko rya karindwi nabyo byakorwaga kera cyane mu izina ry'idini. Imihango irangwamo ibikorwa by'ubusambanyi bw'indengamere n'ibizira bikabije yari umugabane umwe mu gusenga kwa gipagani. Ibigirwamana ubwabyo byagaragazwaga ko bidatunganye, kandi n'ababisengaga nabo birunduriraga mu bibi by'indengakamere. Ingeso z'indengakamere zahawe intebe maze iminsi mikuru mu by'iyobokamana ikajya irangwa n'ibibi bikorwa ku mugaragaro. {AA 224.5}

Gushaka abagore benshi byakozwe kera cyane. Cyabaye kimwe mu byaha byatumye umujinya w'Imana usukwa ku isi yariho mbere y'Umwuzure. Nyamara nyuma y'Umwuzure uko gushaka abagore benshi kongeye gukwira hose. Wari umugambi wa Satani yari yarize neza wo guhindanya umuhango wo gushyingiranwa, agaca intege ibisabwa muri wo kandi akagabanya ukwera kwawo. Nta bundi buryo yari yizeye yajyaga gukoresha ngo yangize ishusho y'Imana mu muntu kandi ngo akingurire urugi ibyago n'ingeso mbi. {AA 225.1}

Kuva mu itangiriro ry'intambara ikomye, wari umugambi wa Satani ko agaragaza imico y'Imana uko itari kandi atere abantu kwigomeka ku mategeko yayo, ndetse uyu murimo usa n'aho wageze ku nsinzi. Imbaga y'abantu benshi batega amatwi ibinyoma bya Satani maze bakarwanya Imana. Ariko muri uko gukora kw'ikibi, imigambi y'Imana ijya mbere ishikamye igana ku gusohora kwayo. Igaragariza ibyaremwe bifite ubwenge byose ubutabera n'ubuntu bwayo. Bitewe n'ibishuko bya Satani, abantu bose bahindutse abica amategeko y'Imana, ariko kubw'igitambo cy'Umwana wayo, inzira irakinguwe aho babasha kunyura bakagaruka ku Mana. Ku bw'ubuntu bwa Kristo bashobora guhabwa ubushobozi bwo kumvira amategeko ya Data. Mu bihe byose, mu buhakanyi no kwigomeka, Imana iteranyiriza hamwe abantu b'indahemuka kuri yo - "ishyanga rifite amategeko y'Imana mu mitima yabo" Yesaya 51:7. {AA 225.2}

Satani yakoresheje ikinyoma kugira ngo ashuke abamarayika. Uko ni ko mu bihe byose yagiye akomeza gukora umurimo we mu bantu, kandi azakomeza iyi mikorere kugeza ku iherezo. Iyo yihandagaza akavuga ko arwanya Imana n'amategeko yayo, abantu bari kumutahura. Ariko ariyoberanya kandi akavanga ukuri n'ibinyoma. Ibinyoma biteza akaga kurusha ibindi ni ibivanze n'ukuri. Uko ni ko ibinyoma byakirwa bikigarurira kandi bikarimbura ubugingo. Satani akoresheje ubu buryo yikururiraho isi yose.

Nyamara umunsi uraje ubwo gutsinda kwe kuzashyirwaho iherezo by’iteka ryose. {AA 225.3}

Uburyo Imana igenza abayigomera amaherezo buzasoreza mu gushyira ku mugaragaro umurimo umaze igihe kirekire ukorerwa mu rwihisho. Ingaruka z’ubutegetsi bwa Satani n’izo kwirengagiza amabwiriza y’Imana zizashyirwa ahagaragara aho ibyaremwe bifite ubwenge byose bireba. Amategeko y’Imana azashyigikirwa ashimangirwe. Bizagaragara ko imigenzereze y’Imana yagiye ishyirwa mu bikorwa hashingiwe ku byiza by’iteka by’ubwoko bwayo ndetse n’ibyiza by’ibyo yaremye byose. Satani ubwe, igihe isi n’ijuru bizaba bitanga ubuhamya, azerura ahamye ko ubutegetsi bw’Imana butabera kandi ko amategeko yayo atunganye.

{AA 225.4}

Ntabwo igihe kiri kure ubwo Imana igiye guhaguruka ikarengera ubutware bwayo bwagizwe igisuzugurwa. “Kuko Uwiteka aje aturuka mu buturo bwe, azanywe no guhanira abo mu isi gukiranirwa kwabo” (Yesaya 29:21). “Ni nde uzabasha kwihangana ku munsi wo kuza kwe? Kandi ni nde uzahagarara ubwo azaboneka?” (Malaki 3:2). Kubera ibyaha byabo, Abisiraheli babujijwe kwegera wa musozi igihe Imana yari igiye kuwumanukiraho kugira ngo itangaze amategeko yayo. Iyo bawegera, bari gukongorwa n’ikuzo ryayo rirabagirana. Niba ukwigaragaza kw’imbaraga zayo kumeze gutyo kwararanze aho Imana yari yitoranyirije ngo ihatangarize amategeko yayo, mbese urukiko rwayo ruzaba ruteye ubwoba rute igihe izaba ije guca iteka rishingiye kuri ayo mategeko. Ni mu buhe buryo abasuzuguye ubutegetsi bw’Imana bazihanganira [kureba] ikuzo ryayo ku munsi ukomeye w’ingororano iheruka? {AA 225.5}

Ibiteye ubwoba byabereye kuri Sinayi byashushanyirizaga abantu uko bizaba bimeze ku munsi w’urubanza. Ijwi ry’impanda ryahamagariye Abisiraheli kuza guhura n’Imana. Ijwi ry’umumarayika ukomeye n’impanda y’Imana bizahamagara, ku isi hose, abazima n’abapfuye ngo bajye imbere y’Umucamanza wabo. Data wa twese n’Umwana bashagawe n’imbaga y’abamarayika, bari bahagaze kuri wa musozi. Ku munsi ukomeye wo guca imanza, Kristo “azazana n’abamarayika be, aftte ubwiza bwa Se.” (Matayo 16:27). Azicara ku ntebe ya cyami y’ikuzo rye maze amahanga yose ateranyirizwe imbere ye. {AA 226.1}

Igihe Imana yagaragariraga kuri Sinayi, mu maso y’Abisiraheli, ikuzo ryayo ryari rimeze nk’umuriro ukongora. Ariko ubwo Kristo azaza mu ikuzo rye azanye n’abamarayika be bazira inenge, isi yose izamurikirwa n’umucyo uteye ubwoba umuturutseho. “Imana yacu izaza, ye guceceka: Imbere yayo umuriro uzakongora, umuyaga w’ishuheri uzayigota. Izahamagara ijuru ryo hejuru n’isi na yo; kugira ngo icire ubwoko bwayo urubanza.” (Zaburi 50:3,4). Isoko y’umuriro uguramana izaturuka imbere ye maze itere

ibintu byose gushongeshwa n’ubushyuhe bukaze, ndetse n’isi na yo n’imirimo iyirimo bishye bikongoke. {AA 226.2}

” [. . .]Umwami Yesu azahishurwa, ava mu ijuru, azanye n’abamarayika b’ubutware bwe, hagati y’umuriro waka, ahore inzigo abatamenye Imana n’abatumvira ubutumwa bwiza bw’Umwami wacu Yesu.” 2 Abatesalonike 1:7, 8. {AA 226.3}

Kuva umuntu yaremwa, ntihigeze habaho kwigaragaza kw’imbaraga y’Imana nk’igihe amategeko y’Imana yavugirwaga ku musozi wa Sinayi. “Isi yahinze igishyitsi, ijuru ryirengera imbere y’Imana: Sinayi iriya ihindira igishyitsi imbere y’Imana.” (Zaburi 68:8). Ijwi ry’Imana ryumvikaniye mu gicu rimeze nk’impanda rivugira mu guhinda umushyitsi guteye ubwoba kw’ibyaremwe. Uwo musozi watigise uhereye hasi ugera mu mpinga maze Abisiraheli bose bagira ubwoba bahinda umushyitsi, bikubita hasi bubamye. Uwavugaga rya jwi ryatigishe isi yaravuze ati: “Hasigaye rimwe, ngatera isi igishyitsi, ariko si yo yonyine, ahubwo n’ijuru na ryo.” (Abaheburayo 12:26). Ibyanditswe biravuga biti: “[. . .] Uwiteka azatontoma ari hejuru, arangurure ijwi rye ari mu butiro bwe bwera;” “ijuru n’isi bizatigita” (Yoweli 3:16). Muri uwo munsi ukomeye ugiye kuza, ijuru ubwaryo “rizakurwaho nk’uko bazinga igitabo.” (Ibyahishuwe 6:14). Ndetse n’agasozi kose n’ikirwa cyose bizakurwa ahabyo. “Isi izadandabirana nk’umusinzi, kandi izanyeganyezwa nk’ingando; igicumuro cyayo kizayiremerera, kandi izagwa, ye kongera kubyuka.” (Yesaya 24:20). {AA 226.4}

“Ibyo bizatuma amaboko yose atentebuka, n’umutima w’umuntu wese ukuka. Baziheba: umubabaro n’uburibwe bizabafata.” “Nzahana isi mbahora ibyo bakoze bibi, n’abanyabyaha nzabahana mbahora gukiranirwa kwabo, nzamaraho ubwibone bw’abibone, n’agasuzuguro k’abanyagitinyiro nzabacisha bugufi.” Yesaya 13:7, 8, 11; Yeremiya 30:6. {AA 226.5}

Igihe Mose yari avuye imbere y’Imana ku musozi ari naho yari yaherewe ibisate by’amabuye byanditsweho ibihamya, Abiraheli bari bacumuye ntibashoboye kwihanganira kureba umucyo watumaga mu maso he harabagirana. Mbese abica amategeko bazabasha bate kureba Umwana w’Imana ubwo azatunguka mu ikuzo rya Se, ashagawe n’ingabo zo mu ijuru zose, aje guhana abishe amategeko ye n’abanze ko abanze ko ababera impongano. Abasuzuguye amategeko y’Imana kandi bagakerensa amaraso ya Kristo, “abami bo mu isi n’abatware bakomeye n’abatware b’ingabo n’abatunzi nab’ububasha, n’imbata zose n’ab’umudendezo bose” bazihisha “mu mavumo no mu bitare byo ku misozi;” bazabwira imisozi n’ibitare bati: “Nimutugweho, muduhishe amaso y’Iyicaye kuri iriya ntebe n’umujinya w’Umwana w’intarna; kuko umunsi ukomeye w’umujinya wabo usohoye, kandi ni nde ubasha guhagarara adatsinzwe?” (Ibyahishuwe 6.15-17). “Uwo munsi abantu bazajugunya ibishushanyo byabo bisengwa by’ifeza n’iby’izahabu, . . . babijugunyire imbeba n’ubucurama, bajye

kwihisha mu buvumo bwo mu bitare no mu bihanamanga, bahunge igitinyiro cy'Uwiteka n'ubwiza bw'icyubahiro cye, ubwo azahagurukana imbaraga aje gutera isi umushyitsi." Yesaya 2:20, 21. {AA 226.6}

Icyo gihe bizagaragara ko kwigomeka ku Mana kwa Satani kugize ingaruka yo kurimbuka ubwe ndetse n'abahisemo kuba abambari be. Satani yerekanye ko ibyiza bikomeye bishobora kuva ku kwica amategeko; ariko bizagaragara ko "ibihembo by'ibyaha ari urupfu." (Abaroma 6:23). "Dore, hazaba umunsi utwika nk'itanura ry'umuriro; abibone bose n'inkozi z'ibibi zose bazaba ibishingwe; maze habe umunsi uzabatwika bashire," Ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga, "ntuzabasigira umuzi cyangwa ishami." (Malaki 4:1). Satani we muzi w'icyaha, n'inkozi z'ibibi zose ari zo mashami ye, bazarimburwa rwose. Icyaha n'umuvumo wose no kurimbuka kose bigikomokaho bizashyirwaho iherezo. Umuhimbyi wa Zaburi aravuga ati: "Wakangaye abanyabyaha, warimbuye abanyabyaha, wasibanganyije amazina yabo iteka ryose. Abanzi banjye bashizeho, barimbutse iteka." (Zaburi 9:5, 6). {AA 227.1}

Ariko igihe hazaba hariho umuraba utewe n'urubanza rw'Imana, abana b'Imana bo nta kizaba kibatera ubwoba. "Uwiteka azabera ubwoko bwe ubuhungiro, abere Abisiraheli igihome." (Yoweli 3:16). Umunsi uzatera ubwoba kandi ukazanira abica amategeko y'Imana kurimbuka, uzazanira abumvira Imana "ibyishimo bitavugwa ndetse n'ikuzo ryinshi." Uwiteka aravuga ati: "Munteranirizeho abakunzi banjye, basezeranishije nanjye isezerano ibitambo. Ijuru rizavuga gukiranuka kwayo: Kuko Imana ubwayo ari yo mucamanza." {AA 227.2}

"Ubwo ni bwo muzagaruka mukamenya gutandukanya abakiranutsi n'abanyabyaha, abakorera Imana n'abatayikorera." (Malaki 3:18). "Nimunyumve, yemwe abazi gukiranuka,

ishyanga rifite amatageko yanjye mu mitima yabo." "Dore nkwatse igikombe cy'ibidandabiranya, . . . ntuzongera kukinywaho ukundi." "Jye ubwanjye ni jye ubahumuriza." (Yesaya 51:7, 22, 12). "Imisozi izavaho, n'udusozi tuzakurwaho; ariko imbabazi zanjye ntizizakurwaho; kandi n'isezerano ry'amahoro nagusezeranije ntirizakurwaho." (Yesaya 54:10). {AA 227.3}

Umugambi ukomeye w'agakiza ugarura isi mu buryo bwuzuye maze ikongera kungwa n'Imana. Ibyari byarazimiye kubera icyaha byose byaragaruwe. Si umuntu wenyine ahubwo n'isi yaracunguwe, kugira ngo ibere abubaha Imana ubuturo bw'iteka ryose. Satani yarwanye intambara imyaka ibihumbi bitandatu kugira ngo agumane isi mu maboko ye. None ubu umugambi shingiro Imana yari ifitiye isi ikiremwa urashohojwe. "Abera b'Isumbabyose bazahabwa ubwo bwami babuhindure, bube ubwabo iteka ryose." Daniyeli 7:18. {AA 227.4}

“Uhereye aho izuba rirasira, ukageza aho rirengera, izina ry’Uwiteka rikwiriye gushimwa.” (Zaburi 113:3). “Uwo munsi Uwiteka azaba umwe, n’izina rye rizaba rimwe.” “Kandi Uwiteka azaba Umwami w’isi yose.” (Zekariya 14:9) Ibyanditswe biravuga biti: “Uwiteka, iteka ryose ijambo ryawe rihora mu ijuru rihamye.” “Amategeko ye yose arahamye. Yakomereshejwe guhama iteka ryose.” (Zaburi 119:89; 111:7,8). Amategeko atunganye Satani yanze kandi akagerageza gukuraho azahabwa icyubahiro hose mu isi itazarangwamo icyaha. Kandi “nk’uko ubutaka bumera umumero, kandi nk’uko umurima umeramo imbuto ziwuhinzwemo, ni ko Umwami Imana izameza gukiranuka n’ishimwe imbere y’amahanga yose.” Yesaya 61:11. {AA 227.5}

IGICE CYA 30 - UBUTURO BWERA N’IMIRIMO YABUKORERWAGAMO

Ubwo Mose yari kumwe n’Imana ku musozi, yahawe itegeko rivuga riti: “Kandi bandemere ubuturo bwera, nture hagati muri bo.” (Kuva 25:8). Amabwiriza yuzuye yo kubaka ubuturo bwera yaratanzwe. Kubwo gusubira inyuma kwabo, Abasiraheli bivukije umugisha wo kubana n’Imana kandi n’igihe cyatumye bitabashobokera ko bakubakira Imana ubuturo bwera kugira ngo iture hagati muri bo. Ariko bamaze kongera kugirirwa ubuntu n’Imana, Mose umuyobozi ukomeye yakurikijeho gushyira itegeko ry’Imana mu bikorwa. {AA 229.1}

Abantu batoranyijwe bahawe n’Imana ubuhanga n’ubwenge kugira ngo bubake iyo nyubako izira inenge. Imana ubwayo yahaye Mose igishushanyombonera cy’uko izaba iteye, ahabwa amabwiriza yihariye arebana n’uko izaba ingana, uko izaba iteye, ibyo bazakoresha bayubaka ndetse n’ibikoresho byose kizashyirwamo. Ahera hubatswe n’intoke z’abantu “hasuraga ha handi h’ukuri,” hari “ibishushanyo by’ibyo mu ijuru” (Abaheburayo 9:24, 23). Cyari ikigereranyo gito cyane cy’ubuturo bwo aho Kristo, umutambyi wacu mukuru akorera kubw’abanyabyaha nyuma y’aho yatangiye ubugingo bwe ho igitambo. Imana yerekeye Mose ku musozi ubuturo bwera bwo mu ijuru maze imutegeka gukora ibintu byose akurikije icyitegererezo yeretswe. Ayo mabwiriza yose Mose yayafatanye ubwitonzi maze ayamenyesha abayobozi b’ishyanga ry’Abisiraheli. {AA 229.2}

Kugira ngo ubuturo bwera bwubakwe, hari hakenewe imyiteguro ikomeye kandi isaba ibintu bihenze. Ibikoresho byinshi cyane kandi by'igiciro gihanitse byari bikenewe; nyamara Uwiteka yemeye gusa amaturo atanganywe ubushake. Itegeko ry'Imana Mose yasubiriyemo iteraniro ryose ni iri ngo: "Umuntu wese wemezwa n'umutima we azaba ari we mwakira ituro antura." Kwiyegurira Imana hamwe n'umwuka wo kwitanga ni byo byari ibintu by'ibanze bisabwa mu kubakira Isumbabyose ubuturo. {AA 229.3}

Abantu bose babishishikariye icyarimwe. "Haza umuntu wese utewe umwete n'umutima we, uwemejwe na wo wese, bazana amaturo batura Uwiteka, yo kuremesha rya hema ry'ibonaniro n'ayo gukoresha imirimo yaryo yose n'ayo kuremesha ya myenda yejejejwe. Haza abagabo n'abagore, abemejwe n'imitima yabo bose, bazana impeta zo mu mazuru n'izo mu matwi n'izishyiraho ikimenyetso n'inigi, byose ari izahabu: bizanwa n'umuntu wese utura Uwiteka ituro ry'izahabu" (Kuva 35:21,22). {AA 229.4}

"Umuntu wese wari ufite icyo atura cy'ifeza cyangwa icy'umuringa, arakizana, agitura Uwiteka: kandi umuntu wese wari ufite imbaho z'umushita zavamo ikibazwa cyo gukoresha umurimo wose w'ubuturo, arazizana. {AA 229.5}

"Abahanga b'abagore bose barakaraga, bazana ibyo bakaraze, ubudodo bw'umukara wa kabayonga n'ubw'umuhengeri n'ubw'umuhemba n'ubw'ibitare byiza. Kandi abagore bose batewe umwete n'ubuhanga bwabo bakaraga ubwoya bw'ihene. {AA 229.6}

"Abatware bazana amabuye yitwa shohamu, n'andi mabuye yo gukwikirwa ngi ahundwe kuri efodi no kuri wa mwambaro wo ku gituza; bazana n'imibavu n'amavuta ya elayo: babizanira ya matabaza na ya mavuta yo gusiga na wa mubavu w'ikivange mwiza." Kuva 35:23-28. {AA 229.7}

Igihe ubuturo bwera bwubakwaga, abantu bose, abakuze n'abato - abagabo, abagore n'abana - bakomeje kuzana amaturo yabo, kugeza ubwo abari bashinzwe uwo murimo basanze bafite ibirenze ibyo bagomba gukoresha. Maze Mose ategeka ko batangaza mu nkambi yose bati: "Ntihongere kugira umugabo cyangwa umugore, urema ikindi cyo guturira kuremesha ubuturo bwera. Uko ni ko babujije abantu gutura." Ukwivovota kw'Abisiraheli ndetse n'uko Imana yagiye ibahana kubera ibyaha byabo byandikiwe kubera umuburo ab'ibisekuru byakurikiyeho. Kandi kwitanga kwabo, umurava wabo ndetse no gutangana ubuntu kwabo ni icyitegererezo gikwiriye gukurikizwa. Abantu bose bakunda kuramya Imana kandi bagaha agaciro umugisha wo kubana nayo kwayo kwera, bazagaragaza umwuka nk'uwo wo kwitanga bategura inzu Imana izabonaniramo na bo. Bazifuza kuzanira Uwiteka ituro ry'inyamibwa mu byo batunze. Inzu yubakiwe Imana ntikwiriye gusigaramo imyenda kuko ibyo bisuzuguza Imana. Umutungo uhagije wo kurangiza uwo murimo ukwiriye gutangwa nta gahato kugira ngo abakozi bashobore kuvuga, nk'uko abubakaga ihema ry'ibonaniro bavuze ngo,

“Ntimuzane andi maturo.” {AA 230.1}

Ubuturo bwera (ihema ry’ibonaniro) bwari bwubatswe ku buryo bwashoboraga kugabwamo ibice byinshi maze Abisiraheli bakabwimukana mu ngendo zabo zose. Kubw’ibyo rero bwari buto, butarengeje uburebure bwa metero cumi n’esheshatu na metero esheshatu n’igice z’ubugari n’ubuhagarike. Nyamara ryari igitangaza. Imbaho zakoreshejwe mu kubwubaka ndetse n’ibikoresho byaryo zari iz’igiti cy’umushita, kitamungwaga nk’ibindi biti byabonekaga aho kuri Sinayi. Inkuta zari bigizwe n’imbaho zemye, zishinzwe mu myobo icuzwe mu ifeza, kandi zikomejwe n’inkingi n’imbariro zizihuza. Ndetse zose zari ziyagirijweho izahabu, bigatuma iyo nyubako isa n’aho ari izahabu nyayo ikomeye. Igisenge cyari kigizwe n’imyenda y’ubwoko bune, umwenda w’imbere ukozwe mu “budodo bw’isine, umuhemba n’umutuku, n’umweru,” kandi iriho imitako y’amashusho y’abakerubi. Indi myenda itatu yari ikozwe mu bwoya bw’ihene, mu mpu z’intama zisizwe irangi ritukura n’impu z’inyamaswa zitwa tahashi, zigerekeranye ku buryo zabaga zirikomeje mu buryo bwose. {AA 230.2}

Iyo nyubako yari igabanyijwemo ibyumba bibiri bitandukanyijwe n’umwenda mwiza cyane, wari umanitse ku nkingi zisizwe izahabu; kandi umwenda nk’uwo wari ukinze urwinjiriro rw’icyumba cya mbere. Iyo myenda kimwe n’indi yari imanitswe imbere mu gisenge, yari ifite amabara meza cyane y’ubururu n’andi meza cyane yabaga atatswe mu buryo bunogeye amaso, kandi imbere yabaga itatsweho amashusho y’abakerubi baboshwe mu budodo bw’izahabu n’ifeza. Abo bakerubi bagereranya ingabo z’abamarayika bakora mu murimo wo mu buturo bwera bwo mu ijuru kandi bakaba ari imyuka ikorera ubwoko bw’Imana ku isi. {AA 230.3}

Iryo hema ryera ryari ribambye ahantu hitaruye hakikijwe hitwaga imbuga, rikikijwe uruzitiro rw’imyenda minini ikomeye y’ibara ritukura iziritswe ku nkingi z’ibyuma. Irembo ryinjira muri urwo ruzitiro ryarebaga iburasirazuba bw’urwo rugo. Ryari rikinzwe n’imyenda iboshywe mu bikoresho bihenze kandi mu buhanga, ariko ntiyari ihwanye n’iyo mu buturo bwera. Iyo myenda yari ikoze urugo yari ifite ubuhagarike bungana na kimwe cya kabiri cy’ubuhagarike bw’inkuta z’ubuturo ubwabwo, Ibyo byatumaga ubuturo bubonwa neza n’abantu bari hanze y’urugo. Mu rugo hafi y’umuryango hari igicaniro cy’ibitambo byoswa gikozwe mu muringa. Kuri icyo gicaniro ni ho ibitambo byose byatambiwe Uwiteka byakongorerwaga n’umuriro, kandi ku mahembe yacyo ni ho baminjiraga amaraso y’impongano. Hagati y’icyo gicaniro n’umuryango w’ihema ry’ibonaniro hari igikarabiro cy’umuringa cyakozwe mu birahuri byari byaratanzwe n’abagore b’Abisiraheli ari amaturo y’ubushake. Kuri icyo gikarabiro ni ho abatambyi bagombaga gukarabira intoke n’ibirenge iyo babaga bagiye mu byumba by’ahera n’ahera cyane, cyangwa iyo begeraga igicaniro kugira ngo batambire Uwiteka igitambo cyoswa. {AA 230.4}

Mu cyumba cya mbere, cyangwa ahera, hari ameza y’imitsima yo kumurikwa, igitereko cy’amatabaza, n’igicaniro cyo koserezwaho imibavu. Ameza y’imitsima yo kumurikwa yari mu ruhande rwerekeye amajyaruguru. Yari arimbishijwe ayagirijweho izahabu nziza. Abatambyi bagombaga gushyiraho imitsima cumi n’ibiri kuri aya meza buri Sabato, igerekeranye mu birundo bibiri kandi ikaminjagirwaho umubavu. Kubera ko imitsima yakurwagaho yabaga ari iyera, yagombaga kuribwa n’abatambyi. Mu ruhande rwerekeye amajyepfo hari igitereko cy’amatabaza gifite amashami arindwi, kiriho n’amatara yacyo arindwi. Amashami yacyo yari arimbishijwe n’uburabyo bucuzwe mu buhanga, cyose gicuzwe mu kibumbe kimwe cy’izahabu gikomeye. Ihema ry’ibonaniro nta madirishya ryagiraga bityo amatara yo muri ryo ntiyigeraga azimira icyarimwe, ahubwo yamurikaga amanywa n’ijoro. Ugiye kugera ku mwenda watandukanyaga ahera n’ahera cyane ari ho hari ubwiza bw’Imana, hari igicaniro cy’imibavu gikozwe mu izahabu. Kuri icyo gicaniro, ni ho umutambyi yagombaga kosereza imibavu buri gitondo n’umugoroba; amahembe yacyo yasigwagaho amaraso y’igitambo cyatambirwaga ibyaha kandi yamishwagaho amaraso ku munsi mukuru w’Impongano. Umuriro wo kuri icyo gicaniro watswaga n’Imana ubwayo. Amanywa na nijoro umubavu wera wakwizaga impumuro yawo muri ibyo byumba byera ndetse no hirya hanze ahakikije ihema ry’ibonaniro. {AA 231.1}

Urenze uwo mwenda wari utandukanyije ahera n’ahera cyane wageraga ahera cyane, ahaberaga umuhango wagereranyaga umurimo wo guhongerera no gusabira abantu, ari wo wahuzaga ijuru n’isi. Muri icyo cyumba harimo isanduku yari ikozwe mu mbaho z’igiti cy’umushita, isigirijwe izahabu imbere n’inyuma, kandi ifite umuguno w’izahabu ahagana hejuru. Yakorewe kuba ububiko bw’ibisate by’amabuye Imana ubwayo yari yaranditseho Amategeko Cumi. Kubw’ibyo rero, yitwaga isanduku y’isezerano ry’Imana kubera ko Amategeko Cumi ari yo yabaye ishingiro ry’isezerano ryabaye hagati y’Imana n’Abisiraheli. {AA 231.2}

Umupfundikizo w’iyo sanduku witwaga intebe y’ubuntu. Yari ikozwe mu kibumbe kimwe cy’izahabu nziza, kandi yari iriho abakerubi bakozwe mu izahabu, umwe umwe ahagaze kuri buri mpera. Ibaba rimwe rya buri mukerubi ryari rirambuye ryerekeye hejuru mu gihe irindi ryabaga ritwikiye umubiri (soma Ezekiyeli 1:11) nk’ikimenyetso cyo kubaha no kwicisha bugufi. Uko abo bakerubi bari bameze, berekeranye kandi bicishije bugufi bareba hasi ku isanduku, byagereranyaga icyubahiro abo mu ijuru baha amategeko y’Imana ndetse n’uko bitaye ku nama y’agakiza. {AA 231.3}

Hejuru y’intebe y’ubuntu hari Shekina, yagaragazaga ko Imana ihari; kandi Imana yamenyekanishirizaga ubushake bwayo hagati y’abo bakerubi. Rimwe na rimwe umutambyi mukuru yahabwaga ubutumwa buvuye ku Mana abubwiwe n’ijwi ryavugiraga mu gicu. Rimwe na rimwe umucyo wazaga ku mumarayika uherereye iburyo bikaba bivuze ko Imana yemeye cyangwa se umwijima cyangwa igicu kikaza ku

mumarayika uri ibumoso bikaba byaravugaga ko Imana itemeye cyangwa yanze.

{AA 231.4}

Amategeko y'Imana yari mu isanduku ni yo yari ishingiro rikomeye ry'ubutungane n'urubanza. Ayo mategeko yaciraga urubanza rwo gupfa uwabaga yayishe; ariko hejuru y'amategeko hari intebe y'ubuntu. Kuri iyo ntebe niho hagaragariraga ubwiza bw'Imana kandi kubwo guhongerera, imbabazi zahabwaga umunyabyaha wihannye. Uko ni nako biri mu murimo wa Kristo wo kuducungura, ushushanywa n'umurimo wo mu buturo bwera, "imbabazi n'umurava birahuye, gukiranuka n'amahoro birahoberanye." Zaburi 85:10. {AA 232.1}

Nta rurimi rwabasha gusobanura ubwiza bw'ibyari mu buturo bwera. Inkuta zisizwe izahabu zarabagiranaga umucyo uturuka ku gitereko cy'amatabaza gikozwe mu izahabu, amabara arabagirana y'imyenda yari mu ihema yari itatsweho abamarayika barabagirana, ameza, igicaniro cy'imibavu, birabagirana izahabu; hirya y'umwenda wa kabiri hari isanduku yera, iriho abakerubi batangaje, kandi no hejuru yayo hari Shekina izira inenge, ikimenyetse kigaragara cy'uko Yehova ari aho hantu. Nyamara ibyo byose byari ishusho itagaragara cyane y'ubwiza bw'ingoro y'Imana mu ijuru, ari ryo huriro rikomeye ry'umurimo wo gucungura umuntu. {AA 232.2}

Kubaka iryo hema ry'ibonaniro byatwaye nk'igice cy'umwaka. Ubwo ryaro ryuzuye, Mose yitegereje imirimo yose yakozwe n'abubatsi maze ayigereranya n'icyitegererezo yerekewe ku musozi ndetse n'amabwiriza yari yahawe n'Imana. "Mose yitegereza ibyo baremye byose, abona babikoze uko Uwiteka yategetse; uko ni ko babikoze: Mose abasabira umugisha." Imbaga y'Abisiraheli yateraniye aho ifite amatsiko menshi yo kureba iyo nyubako yera. Ubwo bitegerezaga ibyo banyuzwe kandi bubashye, inkingi y'igicu yahagaze hejuru y'ubuturo bwera maze iramanuka irabutwikira. "Ubwiza bw'Uwiteka burabagirana bwuzura ubwo buturo." Habayeho kwigaragaza kw'igitinyiro cy'Imana, ndetse na Mose amara akanya adashobora kwinjira. N'umunezero mwinshi, abantu bitegereje ikimenyetso cyerekana ko umurimo w'intoke zabo wemewe. Baracecetse. Bose basabwe n'umunezero ariko kwishima kw'imitima yabo guhinduka isoko y'amarira y'ibyishimo maze bakajya bongorerana amagambo yo gushima kuko Imana yari yamanukiye kubana na bo. {AA 232.3}

Kubw'amabwiriza yatanzwe n'Imana, umuryango wa Lewi warobanuriwe kugira ngo ukore umurimo wo mu buturo bwera. Mu bihe bya mbere, buri mugabo yari umutambyi w'umuryango we. Mu minsi ya Ahurahamu, ubutambyi bwafatwaga nk'uburenganzira umwana w'umuhungu w'imfura yavukanaga. None aho kuba imfura z'Abisiraheli bose, Uwiteka yemereye umuryango wa Lewi gukora mu buturo bwera. Kubw'iki kimenyetso cyo kubaha ikuzo Imana yagaragaje ko yemera ubudahemuka bwabo, byaba mu kwirundurira mu murimo wayo no gushyira mu bikorwa urubanza yari iciye igihe

Abisiraheli bahakanaga Imana bakaramya inyana y’izahabu. Nyamara kandi umurimo w’ubutambyi wahariwe ab’umuryango wa Aroni. Aroni n’abahungu be bonyine ni bo bemerewe gukora umurimo wo gutambira imbere y’Uwiteka; abasigaye b’uyu muryango bagombaga gutunganya ihema ry’ibonaniro n’ibikoresho birimo, kandi bagombaga gufasha abatambyi mu murimo wabo, nyamara ntibagombaga gutamba ibitambo, gutwika imibavu cyangwa kureba ibintu byera nubwo byabaga bitwikiriwe. {AA 232.4}

Abatambyi bahawe umwambaro wihariye ujyana n’umurimo wabo. Imana yategetse Mose iti: “Ubohere Aroni mwene so imyambaro yejejwe, ibe iyo kumutera icyubahiro n’umurimbo.” {AA 233.1}

Ikanzu y’umutambyi usanzwe yabohwaga mu budodo bw’ibara ryera, ikaba iboshywe mu mwenda umwe. Yari ndende ijya gukora ku birenge kandi yabaga ikenyejwe umushumi w’amabara y’ubururu, umuhengeri n’umutuku. Igitambaro cyo ku mutwe cyuzuzaga imyambaro ye y’inyuma. Ubwo Mose yari ahagaze imbere y’igihuru cyakaga yabwiwe gukuramo inkweto ze, kuko aho yari ahagaze hari ahera. Uko ni nako abatambyi batagombaga kwinjira mu buturo bwera bambaye inkweto. Umukungugu wabaga uzifasheho washoboraga guhumanya ahera. Bagombaga gusiga inkweto zabo mu mbuga mbere y’uko binjira mu ihema ryera, kandi na none bagakaraba ibiganza byabo byombi n’ibirenge bataratangira imirimo yabo mu ihema ryera cyangwa ku gicaniro cy’ibitambo byoswa. Uko ni ko bahoraga bigishwa icyigisho cy’uko abashaka kwegera Imana bose bagomba gutandukana n’umwanda uwo ari wo wose. {AA 233.2}

Imyambaro y’umutambyi mukuru yari ikozwe mu bintu bihenda cyane kandi ikoranywe ubuhanga bwinshi cyane ijyanye n’umurimo we w’icyubahiro. Ku ikanzu y’igitare y’umutambyi usanzwe, umutambyi mukuru yongeragaho ikanzu y’ubururu na yo idozwe mu mwenda umwe. Ku musozo wayo wo hepfo hari harimbishijwe amayugi y’izahabu n’incunda zimeze nk’amapera, ziboshye mu budodo bw’isine n’ubw’umuhemba n’ubw’umutuku. Inyuma y’iyo myambaro hari hari efodi, igitambaro kigufi, cyabaga kigizwe n’izahabu, amabara y’ubururu, umuhemba, umutuku n’umweru. Efodi yari ifashwe n’umushumi ufite amabara nk’ayo, uboshwe neza cyane. Efodi ntiyagiraga amaboko, kandi ku mishumi yayo yo ku ntugu hariho amabuye abonerana abiri yanditsweho amazina y’imiryango cumi n’ibiri y’Abisiraheli. {AA 233.3}

Hejuru ya Efodu hariho umwambaro wo ku gituza, ukaba wari umwambaro wera wihariye kurusha indi yose y’abatambyi. Uyu nawo wari ukozwe mu bikoresho bimwe n’ibya efodi. Wari ufite impande enye zingana, ufatiwe ku ntugu n’umushumi w’ubururu ufashe mu mpeta z’izahabu. Umusozo wawo wari ugizwe n’amabuye y’agaciro y’ubwoko bunyuranye, kimwe nayubatse imfatiro cumi n’ebyiri z’Umurwa w’Imana.

Imbere y’umusozo hari amabuye cumi n’abiri y’izahabu, atondetse ku mirongo iriho amabuye ane ane, kandi nk’uko byari bimeze kuri ya yandi yo ntugu, aya na yo yari yanditsweho amazina y’imiryango y’Abisiraheli. Amabwiriza y’Uwiteka yari ata ngo: “Aroni azajye yambara ku mutima we amazina y’abana ba Isirayeli ari kuri uwo mwambaro wo ku gituza wo kungurisha inama, uko yinjiye Ahera, abe urwibutso rubibukisha imbere y’Uwiteka ubudasiba.” (Kuva 28:29). Ni nako, Kristo, Umutambyi Mukuri ukomeye, kubw’amaraso ye, asabira umunyabyaha imbere ya Data, afite ku mutima we izina ry’umuntu wese wihana kandi wizera. Umuhimbyi wa Zaburi aravuga ati: “[. . .] Ndi umunyamibabaro n’umukene: ariko Uwiteka anyitaho.” Zaburi 40:17. {AA 233.4}

Iburyo n’ibumoso bw’umwambaro wo ku gituza hari amabuye abiri manini abengerana cyane. Ayo mabuye yitwaga Urimu na Tumimu. Ayo mabuye niyo Imana yamenyekanishirizagamo ubushake bwayo ibinyujije ku mutambyi mukuru. Iyo babazaga Uwiteka ibibazo bikeneye gufatirwa umwanzuro, umucyo wagotaga ibuye ry’iburyo cyari ikimenyetso cy’uko Imana ibyemeye. Ariko iyo igicu cyijimye cyatwikiraga ibuye ry’ibumoso icyo cyari igihamya cy’uko Imana itabyemeye. {AA 233.5}

Igitambaro cy’umutambyi cyo mu mutwe cyari gifatanishijweho igisate gicuzwe mu izahabu cyanditsweho ngo: “ YEREJWE UWITEKA. ” Ikintu cyose cyari gifitanye isano n’imyambaro n’inyifato by’abatambyi cyagombaga kuba giteye ku buryo ukibona azirikana ubutungane bw’Imana, uburyo kuyiramya ari ibyera ndetse n’ubutungane bwagombaga kuranga abaje imbere yayo. {AA 233.6}

Uretse ubuturo bwera ubwabwo, n’umurimo w’abatambyi nawo wagombaga kuba “ikigereranyo kiranga ibikorerwa mu ijuru.” (Abaheburayo 8:5). Bityo rero, uwo murimo wari ingenzi cyane; kandi Uwiteka abinyujije kuri Mose, yatanze amabwiriza yumvikana neza yerekeye ikintu cyose cyagombaga gukorwa muri uyu murimo. Uwo murimo wakorerwaga mu buturo bwera wari ufite imigabane ibiri: ibyakorwaga buri munsi n’ibyakorwaga rimwe mu mwaka. Ibyakorwaga buri munsi byaberaga ku gicaniro cy’ibitambo byoswa mu rugo rw’ihema ry’ibonaniro ndetse n’ahera; naho ibyakorwaga rimwe mu mwaka byaberaga ahera cyane. {AA 234.1}

Nta wundi muntu wagombaga kureba mu cyumba cy’ahera cyane uretse umutambyi mukuru wenyine. Umutambyi mukuru yashoboraga kuhinjira rimwe mu mwaka gusa, kandi nabwo amaze kwitegura mu buryo bukomeye. Umutambyi mukuru yajyaga imber y’Imana ahinda umushyitsi, kandi abantu bategerezaga ko agaruka batuje kandi bubashye, imitima yabo yazamuwe mu masengesho basaba umugisha w’Imana. Umutambyi mukuru yahongereraga Abisiraheli imbere y’intebe y’ubuntu; kandi Imana yavuganiraga na we mu gicu cy’ubwiza. Iyo yatindaga muri icyo cyumba akarenza

igihe gisanzwe byabateraga ubwoba, ngo ahari ku bw'ibyaha byabo cyangwa ibye bwite yaba yishwe n'ubwiza bw'Uwiteka. {AA 234.2}

Umurimo wa buri munsi wari ugizwe no gutamba ibitambo bikongorwa n'umuriro bya mu gitondo na nimugoroba, gutanga imibavu ihumura neza ku gicaniro gikozwe mu izahabu, ndetse n'amaturo yihariye kubw'ibyaha by'abantu ku giti cyabo. Habagaho n'amaturo y'amasabato, imboneko z'amezi ndetse n'iminsi mikuru yihariye. {AA 234.3}

Buri gitondo n'umugoroba wose, inyama zagenewe kuba ituro z'umwana w'intama umaze umwaka zatwikirwaga ku gicaniro, ibyo bikagereranya kwiyegurira Imana kw'ishyanga ryose kwa buri munsi, ndetse no guhora bisunga amaraso y'impongano ya Kristo. Imana yatanze amabwiriza yumvikana neza ko ituro ritangwa ngo ribe igitambo mu buturo bwera rigomba kuba "ritagira inenge." (Kuva 12:5). Abatambyi bagombaga gusuzuma amatungo yose yazanwe ngo abe ibitambo, kandi bagombaga kwanga itungo iryo ari ryo ryose rigaragaweho ubusembwa. Igitambo "kitagira inenge" cyonyine ni cyo cyashoboraga kuba igishushanyo cy'ubutungane bwuzuye bwa wa Yesu Kristo we wari kuzitanga nk'"umwana w'intama utagira inenge cyangwa ibara." (1 Petero 1:19). Intumwa Pawulo avuga kuri ibyo bitambo nk'urugero rw'uko abayoboke ba Kristo bagomba guhinduka. Aravuga ati: "Nuko, bene Data, ndabinginga kubw'imbabazi z'Imana, ngo mutange imibiri yanyu, ibe ibitambo bizima byera bishimwa n'Imana, ni ko kuyihorera kwanyu gukwiriye." (Abaroma 12:1). Tugomba kwitangira umurimo w'Imana, kandi dukwiriye guharanira gutanga itungo ryaba ritunganye uko dushoboye kose. Ntabwo Imana izanezezwa n'ikintu icyo ari cyo cyose giciye munsi y'icyiza kuruta ibindi dushobora gutanga. Abanda Imana n'umutima wose bazifuza kuyikorera umurimo mwiza uruta iyindi mu mibereho yabo, kandi bazahora bashaka guhuza imbaraga zabo zose n'amategeko azabashoboza gukora ibyo Imana ishaka. {AA 234.4}

Igihe yabaga yosa imibavu, umutambyi yarushagaho kwegera Imana kuruta igihe yabaga akora indi mirimo ye ya buri munsi. Kubera ko umwenda w'imbere mu buturo watandukanyaga ahera n'ahera cyane utageraga ku gisenge cy'iyo nyubako, ikuzo ry'Imana ryagaragariraga hejuru y'intebe y'ubuntu ryabonekaga igice uhagaze mu cyumba cya mbere. Iyo umutambyi yoserezaga imibavu imbere y'Uwiteka, yerekeraga ya sanduku; maze uko umwotsi w'imibavu wazamukaga, ikuzo ry'Imana ryazamukiraga ku ntebe y'ubuntu maze rikuzura ahera cyane, kandi akenshi ryuzuraga ibyo byumba byombi ku buryo byabaga ngombwa ko umutambyi asubira inyuma ku muryango w'ihema ry'ibonaniro. Nk'uko muri uwo muhango ku bwo kwizera umutambyi yarebaga ku ntebe y'ubuntu atashoboraga kubona, ni na ko muri iki gihe abantu b'Imana bakwiriye kwerekeza amasengesho yabo kuri Kristo, Umutambyi Mukuru wabo ukomeye, utaboneshwa amaso ya kimuntu, ubasabira mu buturo bwera bwo mu ijuru. {AA 234.5}

Umubavu wazamukanaga n’amasengesho y’Abisiraheli, uhagarariye ibyo Kristo yakoze no kudusabira kwe, ubutungane bwe butagira amakemwa bubarwa ku bantu be kubwo kwizera, kandi ubwo butungane akaba ari bwo bwonyine butuma gusenga kw’abanyabyaha kwemerwa n’Imana. Imbere y’umwenda wakingirizaga ahera cyane habaga hari igicaniro cy’imibavu (gusaba ubudasiba) naho imbere y’umuryango w’ahera habaga igicaniro cyo guhongerera guhoraho. Amaraso n’imibavu nibyo byatumaga begera Imana. Ibyo ni ibigereranyo byerekana Umuhuza ukomeye, uwo umunyabyaha wihana kandi wizera ashobora guhererwamo imbabazi n’agakiza. {AA 235.1}

Uko mu gitondo na nimugoroba abatambyi binjiraga ahera igihe cyo kosa imibavu, ni ko igitambo cya buri munsi cyabaga kigiye gutambirwa ku gicaniro cyo mu rugo. Icyo gihe cyabaga ari igihe gikomeye cyashishikazaga cyane abaje kuramya babaga bateraniye ku ihema ry’ibonaniro. Mbere yo kujya imbere y’ubwiza bw’Imana binyuze mu murimo w’umutambyi, bagombaga kwisuzuma mu mutima kandi bakihana ibyaha. Bafatanyirizaga hamwe gusenga bucece, berekeje amaso yabo ahera. Amasengesho yabo yazamukanaga n’umwotsi w’umubavu mu gihe ukwizera kwishingikirizaga ku byo Umukiza wasezeranwe yagombaga gukora byagereranywaga n’igitambo cy’impongano. Amasaha yari yarashyiriweho gutangirwaho igitambo cya mu gitondo n’icya nimugoroba yafatwaga ko yera kandi yaje kujya yubahirizwa nk’igihe cyahariwe kuramya mu ishyanga ry’Abayuda hose. Mu bihe byakurikiyeho, ubwo Abayuda batatanywaga mu bunyage mu bihugu bya kure, kuri ayo masaha bakomeje kujya berekeza amaso yabo i Yerusalemu bagasenga Imana ya Isiraheli. Muri uwo muco niho Abakristo bafatira urugero rw’amasengesho ya mugitondo na nimugoroba. Nubwo Imana iciraho iteka akamenyero gasanzwe k’imihango itarangwamo umwuka wo kuramya, irebana umunezero mwinshi abayikunda, bicisha bugufi mu gitondo na nimugoroba basaba imbabazi z’ibyaha bakoze kandi basaba imigisha bakeneye. {AA 235.2}

Imitsima yo kumurikwa yari ituro rihoraho imbere y’Uwiteka. Bityo yari umugabane umwe ugize igitambo cya buri munsi. Yitwaga imigati yo guturwa kuko yahoraga imbere y’Uwiteka (Kuva 25:30). Yari uburyo bwo kuzirikana ko umuntu abeshejweho n’Imana mu byerekeye ibyo kurya by’umubiri by’igihe gito ndetse n’iby’umwuka, kandi ko biboneka gusa binyuze mu murimo wa Kristo. Imana yari yaragaburiye Abisiraheli imitsima ivuye mu ijuru, kandi bari bakibeshejweho n’ubuntu bwayo butagira uko bungana, ari ku byokurya by’umubiri n’imigisha y’iby’umwuka. Manu n’imitsima yo kumurikwa byombi byerekezaga kuri Kristo, Umutsima muzima, uhora imbere y’Imana ku bwacu. Ubwe yaravuze ati: “Ni jye mutsima muzima wavuye mu ijuru.” (Yohana 6:48 -51). Iyo mitsima yashyirwagaho umubavu. Iyo iyo mitsima yakurwagaho buri Sabato kugira ngo isimbuzwe indi mishya, wa mubavu watwikirwaga ku gicaniro ukaba

urwibutso imbere y’Imana. {AA 235.3}

Umugabane w’ingenzi cyane mu murimo wakorwaga buri munsi ni umuhango yakorerwaga abantu ku giti cyabo. Umunyabyaha wihanaga yazanaga igitambo cye ku muryango w’ihema ry’ibonaniro, maze, agashyira ikiganza cye ku mutwe w’icyo gitambo, akatura ibyaha bye, nuko mu buryo bwo kugereranya akabyikuraho akabishyira kuri cya gitambo kitagira icyaha. We ubwe rero yasogotaga iryo tungo, maze umutambyi akajyana amaraso yaryo ahera, akayaminjagira imbere y’umwenda ukingiriza ahera cyane habaga harimo isanduku ibitswemo amategeko umunyabyaha yabaga yishe. Muri uwo muhango, binyuze mu maraso, icyaha cyabaga gishyizwe ku buturo bwera mu buryo bwo kugereranya. Hari ubwo amaraso atajyanwaga ahera; ariko icyo gihe inyama zaribwaga n’umutambyi nk’uko Mose yategetse bene Aroni ati: “Mwabujijwe n’iki kurira ahantu hera cya gitambo cyatambiwe ibyaha, ko ari icyera cyane, mukagiherwa kwishyiraho gukiranirwa kw’iteraniro.” (Abalewi 10:17). Iyo mihango yombi yagereranyaga gukura ibyaha ku munyabyaha wihana bikajya ku buturo bwera.

{AA 236.1}

Nguwo umurimo wakorwaga uko bukeye n’uko bwije umwaka ukarangira. Kubera ko ibyaha by’Abisiraheli byashyirwaga ku buturo bwera muri ubwo buryo, ahera haranduzwaga, maze bigatuma hakenerwa umurimo wihariye kugira ngo ibyaha bikurwe ku buturo. Imana yategetse ko buri cyumba cy’ubuturo gitangirwa impongano kimwe n’igicaniro kugira ngo “gihumanurwe, cyezwe gikurweho guhumana kw’Abisiraheli kwinshi.” (Abalewi 16:19). {AA 236.2}

Rimwe mu mwaka, ku munsi mukuru w’Impongano, umutambyi mukuru yinjiraga ahera cyane kugira ngo yeza ubuturo bwera. Umurimo wakorerwaga aho wasozaga umurimo w’ubutambyi w’umwaka wose. {AA 236.3}

Ku munsi y’Impongano bazanaga amasekurume y’ihene abiri ku muryango w’ubuturo bwera maze bakayafindira. Ibyo bakoresha ubufindo kimwe cyerekanaga ihene y’Uwiteka, ikindi kikerekana ihene yo koherwa.” Ihene ubufindo bwa mbere bwafataga yatambwagaho igitambo cy’ibyaha by’abantu. Umutambyi yagombaga kujyana amaraso yayo hirya ya wa mwenda watandukanyaga ahera n’ahera cyane maze akayaminjagira ku ntebe y’ubuntu. “Nuko ahongerere Ahera, kubwo guhumana kw’Abisiraheli kwinshi no kubw’ibicumuro byabo, kubw’ibyaha bakoze byose; uko abe ari ko agenza n’ihema ry’ibonaniro, ribana na bo hagati yo guhumana kwabo kwinshi.” (Abalewi 16:16). {AA 236.4}

“Aroni arambike ibiganza bye byombi mu ruhanga rw’iyo hene nzima, yaturire hejuru yayo gukiranirwa kw’Abisiraheli kose n’ibicumuro byaho byose, ibyaha bakoze byose;

abishyire mu ruhanga rw’iyo hene, ayihe umuntu witeguriye ibyo ngo ayijyane mu butayu. Iyo hene ijye ahatagira abantu, yikoreye gukiranirwa kwabo kose, uwo muntu ayirekurire mu butayu.” (Abalewi 16:21,22). Abantu ntibashoboraga kumva yuko bakijijwe umutwaro w’ibyaha byabo iyo hene itaroherwa muri ubwo buryo. Igihe umurimo wo guhongerera wabaga ukorwa, umuntu wese yagombaga kwibabaza. Barekaga imirimo yose, kandi imbaga yose y’Abisiraheli bamaraga uwo munsi bicishije bugufi cyane imbere y’Imana, basenga, biyirije ubusa, kandi bakisuzuma cyane mu mitima.

{AA 236.5}

Ukuri kw’ingenzi kwerekeye guhongerera kwigishwaga abantu binyuze muri uwo murimo wakorwaga rimwe mu mwaka. Mu bitambo by’ibyaha byatambwaga mu mwaka wose, igitambo cy’icyaha gisimbura umunyabyaha cyajyaga cyemerwa, ariko amaraso y’icyo gitambo ntiyabaga yahongereye icyo cyaha mu buryo bwuzuye. Ayo maraso yabaga yatanze gusa uburyo bwo gukura icyaha ku wagikoze kigashyirwa ku buturo bwera. Kubwo kumeneka kw’amaraso, umunyabyaha yazirikanaga ubutware bw’amategeko, akatura ibyaha bye maze akerekana uko yizera wa wundi wajyaga kuzakuraho ibyaha by’abari mu isi. Nyamara ntiyabaga akuweho burundu gucirwaho iteka n’amategeko. Ku munsi w’impongano, umutambyi mukuru yafataga igitambo cy’imbaga y’Abisiraheli, akinjira ahera cyane afite amaraso y’icyo gitambo maze akayaminjagira ku ntebe y’ubuntu, hejuru y’ibisate byanditsweho amategeko. Uko ni ko ibyo amategeko asaba byanyurwaga, kuko yasabaga ko ubugingo bw’umunyabyaha bwakurwaho. Bityo umutambyi nk’umuhuza, yishyiragaho ibyaha, maze yava mu buturo bwera akaba afite umutwaro w’ibyaha by’Abisiraheli. Ubwo yabaga ageze ku muryango w’ihema ry’ibonaniro yarambikaga ibiganza ku mutwe w’ihene yo koherwa maze akayaturiraho “gukiranirwa kw’Abisiraheli kose n’ibicumuro byabo byose, ibyaha bakoze byose; abishyira mu ruhanga rw’iyo hene.” Bityo, ubwo iyo hene yabaga yashyizweho ibyaha yoherwaga, ibyo byaha byabaga bijyanye nayo bikuwe ku bantu iteka ryose. Uko ni ko uwo umurimo wakorwaga ari “igishushanyo n’igicucu cy’ibyo mu ijuru.” Abaheburayo 8:5. {AA 237.1}

Nk’uko byavuzwe, ubuturo bwera bwo ku isi bwubatswe na Mose akurikije icyitegererezo yerekewe ku musozi. “Bwashushanyaga iby’iki gihe cya none, ubwo abakurikiza amategeko yaryo batura amaturo bagatamba ibitambo.” Ibyumba bibiri by’ubwo buturo byari “ibishushanyo by’ibyo mu ijuru;” Kristo, umutambyi wacu mukuru ukomeye, ni we “ukorera, ahera ho mu ihema ry’ukuri iryo abantu batabambye, ahubwo ryabambwe n’Umwami Imana.” Abaheburayo 9:9; 23; 8:2. Intumwa Yohana yeretswe ingoro y’Imana mu ijuru. Yahabonye “amatabaza arindwi yaka umuriro yamurikiraga imbere y’iyo ntebe.” Yabonye umumalayika “afite icyotero cyacuzwe mu izahabu, ahabwa imibavu myinshi, ngo ayongere ku masengesho y’abera bose, ayishyire ku

gicaniro cy’izahabu kiri imbere ya ya ntebe.” (Ibyahishuwe 4:5; 8:3). Muri iri yerekwa, umuhanuzi Yohana yemerewe kureba icyumba cya mbere cy’ubuturo bwera bwo mu ijuru; kandi yahabonye “amatabaza arindwi yaka” n’ “igicaniro cy’izahabu” byahagarariwe n’igitereko cy’amatabaza gikozwe mu izahabu ndetse n’igicaniro cy’imibavu byabaga mu buturo bwera bwo ku isi. Na none “urusengero rw’Imana rwo mu ijuru rwarakinguwe,” (Ibyahishuwe 11:19), maze areba hirya y’umwenda w’imbere abona ahera cyane. Aho ni ho yabonye “isanduku y’isezerano ryayo” (Ibyahishuwe 11:19), yari ihagarariwe n’isanduku yera yabajwe na Mose kugira ngo ibikwemo amategeko y’Imana. {AA 237.2}

Mose yubatse ubuturo bwera bwo ku isi akurikije “urugero rw’ibyo yari yeretswe.” Pawulo avuga ko “ihema n’ibintu byose barikoreshagamo,” ubwo byari byuzuye, byari “byari ibishushanyo by’ibyo mu ijuru.” (Ibyakozwe n’intumwa 7:44; Abaheburayo 9:21, 23). Kandi Yohana avuga ko yabonye ubuturo bwera bwo mu ijuru. Ubwo buturo bwera, aho Yesu akorera ku bwacu, ni bwo mwimerere Mose yafatiyeho icyitegererezo akubaka ubuturo bwera bwo ku isi. {AA 237.3}

Ingoro yo mu ijuru aho Umwami w’abami aba, aho “abagaragu ibihumbi n’ibihumbi bamuherezaga, kandi ibihumbi bitabarika bari bahagaze imbere ye” (Daniyeli 7:10), iyo ngoro yuzuye ikuzo ry’intebe y’ubwami ihoraho, aho abaserafi, ari bo barinzi bayo barabagirana, bipfuka mu maso baramya Imana. Nta nyubako yo ku isi ishobora kwerekana ubugari bwayo ndetse n’ubwiza bwayo. Nyamara ukuri kw’ingenzi kwerekeye ubuturo bwera bwo mu ijuru n’umurimo ukomeye uhakorerwa kubw’agakiza ka muntu kwagombaga kwigishwa n’ubuturo bwera bwo mu isi n’imirimo yakorerwagamo. {AA 238.1}

Amaze gusubira mu ijuru, Umukiza wacu yagombaga gutangira umurimo we w’Umutambyi wacu mukuru. “Kuko Kristo atinjiye Ahera haremwe n’intoke, hasuraga ha handi h’ukuri, ahubwo yinjiye mu ijuru ubwaho, kugira ngo none ahagarare imbere y’Imana ku bwacu.” (Abaheburayo 9:24). Nk’uko umurimo wa Kristo wagombaga kugira imigabane biri ikomeye kandi buri mugabane ugatwara igihe runaka ndetse n’ahantu hihariye mu buturo bwera bwo mu ijuru, ni ko rero umurimo n’umurimo wakorerwaga ku isi wari ugizwe n’imigabane ibiri, ukagira imirimo ikorwa buri munsi ndetse n’umurimo wakorwaga rimwe mu mwaka, kandi umurimo wose wari ufite icyumba cy’ihema ry’ibonaniro wakorerwagamo. {AA 238.2}

Nk’uko ubwo Kristo yazamukaga mu ijuru yagiye imbere y’Imana, kubw’amaraso ye, agasabira uwizera wihana, ni ko n’umutambyi mu murimo yakoraga buri munsi yaminjagiraga amaraso y’igitambo ahera abigirira umunyabyaha. {AA 238.3}

Nubwo amaraso ya Kristo agombaga gukiza umunyabyaha wihana ntacirweho iteka n’amategeko, ntabwo akuraho icyaha. Icyaha kiguma mu buturo bwera kugeza ubwo

hazaberaho umunsi w’urubanza uheruka, ni ko no mu muhango waberaga mu buturo bwera bwo ku isi amaraso y’igitambo cy’ibyaha yakuraga icyaha ku munyabyaha wihana, ariko cyagumaga mu buturo bwera kugeza ku Munsi w’Impongano. {AA 238.4}

Ku munsi ukomeye wo gutanga ingororano iheruka, abapfuye bazacirwa “imanza z’ibyanditswe muri ibyo bitabo, zikwiriye ibyo bakoze.” (Ibyahishuwe 20:12). Icyo gihe, kubw’amaraso ya Kristo akuraho ibyaha, ibyaha by’abihannye by’ukuri bose bizahanagurwa mu bitabo byo mu ijuru. Ubwo ni bwo ubuturo bwera buzakurwamo kandi bukezwamo ibyaha byose. Mu buturo bwera bwo mu isi bwashushanyaga ubwo mu ijuru, uwo murimo ukomeye wo kwezaho ibyaha wagereranywaga binyuze mu mirimo yakorwaga ku munsi w’Impongano ari yo kweza ubuturo bwera bwo mu isi byakorwaga bakuramo ibyaha byabaga byarabwanduje binyuze mu maraso y’igitambo cy’ibyaha yabuminjagirwagamo. {AA 238.5}

Nk’uko ku munsi uheruka w’impongano, ibyaha by’abihana by’ukuri bizahanagurwa mu bitabo byo mu ijuru, ubutazongera kwibukwa cyangwa gutekerezwa ukundi; ni na ko ku munsi w’impongano wo mu buturo bwera bwo ku isi ibyaha byoherwaga mu butayu, bigatandukanywa n’abantu burundu. {AA 238.6}

Kubera ko Satani ari we nkomoko y’icyaha, akaba ari nyirabayazana w’ibyaha byose byatumye Umwana w’Imana apfa, ubutabera busaba ko Satani azahanwa igihano giheruka. Umurimo wa Kristo wo gucungura abantu no kweza isanzure ryose ho icyaha uzarangizwa no gukura icyaha mu buturo bwera bwo mu ijuru no kubishyira kuri Satani, we uzahabwa igihano giheruka. Ni na ko mu buturo bwera bwo ku isi umurimo wakorwaga rimwe mu mwaka wasozwaga no kweza ubuturo bwera no kwaturira ibyaha ku mutwe w’ihene yo koherwa. {AA 239.1}

Uko ni ko mu mirimo yo mu buturo bwera, no mu rusengero rwaje kubusimbura nyuma, buri munsi abantu bigishwaga ukuri gukomeye cyane kwerekeye urupfu rwa Kristo n’imirimo ye, kandi rimwe mu mwaka intekerezo zabo zerekezwaga ku bizahaho bizaheruka intambara ikomeye hagati ya Kristo na Satani, ari byo kweza isi n’isanzure ryose ho icyaha n’abanyabyaha. {AA 239.2

IGICE CYA 31 - ICYAHA CYA NADABU NA ABIHU

Nyuma yo kwegurira Imana ihema ry'ibonaniro, abatambyi berejwe umurimo wabo wera. Iyo mirimo yamaze iminsi irindwi, kandi buri munsi warangwaga n'imihango yihariye. Ku munsi wa munani abatambyi batangiye imirimo yabo. Afashijwe n'abahungu be, Aroni yatambye ibitambo Imana yategetse, arangije azamura amaboko ye maze aha abantu umugisha. Ibintu byose byari byakozwe nk'uko Imana yari yategetse kandi Imana yemeye igitambo bityo yerekana ikuzo ryayo mu buryo butangaje. Umuriro waturutse ku Uwiteka maze ukongora igitambo cyari kiri ku gicaniro. Abantu bitegereje uko kwigaragaza gutangaje kw'imbaraga y'Imana bubashye kandi batangaye cyane. Ibyo babibonyemo ikimenyetso cy'ikuzo ry'Imana n'ubuntu bwayo, bityo bateraga hejuru basingiza kandi baramya Imana maze bikubita hasi bubamye nk'aho bari imbere y'Imana ryose. {AA 240.1}

Ariko nyuma y'igihe gito ibyago bitunguranye kandi bikomeye byateye umuryango w'umutambyi mukuru. Isaha yo kuramya igeze, ubwo amasengesho no gusingiza by'abantu byazamukaga bijya ku Mana, babiri mu bahungu ba Aroni, buri wese yafashe icyotero cye, maze boserezaho imibavu, izamuka nk'umubavu uhumura neza imbere y'Uwiteka. Nyamara bishe itegeko ry'Imana bakoresha "umuriro udakwiriye." Kugira ngo bose imibavu, bafashe umuriro usanzwe mu cyimbo cya wa muriro wera Imana ubwayo yari yaracanye, akaba ari nawo yari yarategetse ko ugomba gukoreshwa muri uwo murimo. Kubera icyo cyaha, umuriro waturutse ku Uwiteka ubatwikira imbere y'abantu. {AA 240.2}

Inyuma ya Mose na Aroni, Nadabu na Abihu ni bo bari bafite umwanya wo hejuru kurusha abandi bose mu Bisiraheli. Uwiteka yari yarabahaye icyubahiro cyihariye, ubwo bo n'abakuru mirongo irindwi bemererwaga kureba ubwiza bwe ku musozi. Nyamara ibyo ntibyatumye icyaha cyabo cyirengagizwa cyangwa ngo gifatwe mu buryo bworoheje. Ibyo byose byatumye icyaha cyabo kirushaho gukomera. Kubera ko abo bantu babonye umucyo ukomeye, kuko bari barazamutse umusozi kimwe n'ibikomangoma bya Isiraheli kandi bakaba bari abaragize amahirwe yo gushyikirana n'Imana, no kuba mu mucyo uturuka ku bwiza bwayo, ntibyari kubatera kwirata ko nyuma y'aho bashobora gucumura ntibahanwe, ngo bibwire ko kuba Imana yarabahaye icyubahiro icyo izabura guhana igicumuro cyabo yihanukiriye. Uko ni ukwibeshya gukomeye. Umucyo mwinshi ndetse n'amahirwe abantu bahawe bisaba kwiturwa ubudahemuka n'ubutungane bihuye n'uwo mucyo bahawe. Ikintu cyose

kitarangwamo ibi Imana ntishobora kucyemera. Imigisha myinshi cyangwa amahirwe abantu bahawe ntibikwiriye gutuma abantu bidamararira cyangwa ngo be kugira icyo bitaho. Imigisha n'amahirwe ntibikwiriye na mba gutanga uburenganzira bwo gukora icyaha cyangwa ngo bitere ababihawe kumva ko Imana itazabahanira ibibi byabo. Amahirwe yose Imana yatanze ni uburyo ikoresha kugira ngo itange umurava mwinshi, umwete n'imbaraga mu gushyira mu bikorwa ubushake bwayo bwera. {AA 240.3}

Mu buto bwabo, Nadabu na Abihu ntibari baratojwe imico yo kwifata. Kuba Aroni yari umuntu udohoka ku nshingano ye mu buryo bworoshye, kuba atari afite gushikama ku kuri, byari byaramuteye kwirengagiza ikinyabupfura cy'abana be. Abahungu be bari baremerewe gukora ibyo bishakiye. Bari baragundiriye ingeso zo gukurikiza ibyo kamere ishaka byose igihe kirekire maze izo ngeso zirababata ku buryo n'inshingano z'umurimo urusha iyindi yose kwera zitari zifite ubushubozi bwo gusenya izo ngeso. Ntabwo bari barigishijwe kubaha ubutware bwa se, kandi ntibazirikanye ko kumvira ibyo Imana isaba udakebakeba ari ngombwa. Kuko Aroni yafuditse ntahane abahungu be byabateguriye kugerwaho n'igihano cy'Imana. {AA 241.1}

Imana yashakaga kwigisha abantu ko bagomba kuyegera bicishije bugufi kandi bubashye, ndetse no mu buryo yagennye ubwayo. Ntiyakwemera kumvira kw'igice. Ntibyari bihagije yuko muri uko gusenga ikintu

hafi ya cyose cyakorwaga nk'uko yari yarabitegetse. Imana yavuze ko umuvum uzagera ku bantu bareka amategeko yayo, maze ntibashyire itandukaniro hagati y'ibisanzwe n'ibintu byera. Imana ivuga ikoresheje umuhanuzi iti: "Bazabona ishyano abita ikibi icyiza n'icyiza bakacyita ikibi, umwijima bawushyira mu cyimbo cy'umucyo, n'umucyo bakawushyira mu cyimbo cy'umwijima! . . . Bazabona ishyano abiyita abanyabwenge bajijutse! . . . bagatsindishiriza abakiranirwa kubw'impongano, ariko umukiranutsi bakamwima ibyo atsindiye! . . . banze amategeko y'Uwiteka Nyiringabo, bagahinyura ijambo ry'Uwera wa Isirayeli." (Yesaya 5:20-24). Ntihakagire uwibeshya ngo yizere ko umugabane umwe w'amategeko y'Imana atari ingenzi, cyangwa ko izemera igisimbura ibyo ishaka. Umuhanuzi Yeremiya aravuga ati: "Ni nde wahanura bikabaho, kandi Umwami atari we ubitegetse" (Amaganya 3:37). Nta tegeko Imana yashyize mu ijambo ryayo abantu bakumvira cyangwa bakagomera uko bishakiye maze ntibagerweho n'ingaruka zabyo. Abantu nibahitamo indi nzira itari iyo kumvira udakebakeba, bazabona ko "iherezo ry'izo nzira ari inzira z'urupfu." Imigani 14:12. {AA 241.2}

"Mose abwira Aroni, na Eleyazari na Itamari bene Aroni ati: "Ntimutendeze imisatsi, ntimushishimure imyenda, mudapfa, . . . kuko muriho amavuta y'Uwiteka yabasize." Uwo muyobozi ukomeye yibukije mwene se amagambo y'Imana avuga ngo: "...nzaherwa icyubahiro imbere y'ubu bwoko bwose." Aroni yari acecetse. Urupfu

rw’abahungu be, bishwe nta muburo watanzwe bazize icyaha gikomeye gityo (ni icyaha yahereyeko abona yuko ari ingaruka y’uko we ubwe atitaye ku nshingano ye), rwashegeshe umutima we kubera agahinda kenshi, nyamara ntiyagaragaje umubabaro we. Kubwo kutagaragaza intimba, yagombaga gusa n’udafitiye icyaha impuhwe. Imbaga y’abantu ntiyari ikwiriye kuyoborwa mu kwivovotera Imana. {AA 241.3}

Uwiteka yagombaga kwigisha abantu be kwemera ubutabera buranga ibihano bye kugira ngo abandi batinye. Hariho abantu bamwe muri Isiraheli uyu muburo w’igihano giteye ubwoba wakijije ubarinda guhinyura ukwihangana kw’Imana kugeza ubwo nabo bajyaga guhamya iherezo ryabo. Imana icyaha uko kugirira umunyabyaha impuhwe zidakwiriye bitera gutanga urwitwazo cyangwa kubabarira icyaha cye. Icyaha cyica imyumvire iboneye ku buryo umunyacyaha atabasha gusobanukirwa n’uburemere bwo kwica amategeko, kandi hatabayeho imbaraga yemeza ya Mwuka Muziranenge, wa munyabyaha akomeza kuba mu mwijima ntabone neza icyaha cye. Ni inshingano y’abagaragu ba Kristo kwereka abo bantu bayoba akaga kabategereje. Abantu barimbura imbaraga z’umuburo bakoresheje kwijimisha amaso y’umunyabyaha kugira ngo atabona kamere nyakuri y’icyaha cye n’ingaruka zacyo, akenshi barishima ubwabo bavuga ko mu gukora batyo baba batanga igihamya cy’ubugiraneza bwabo. Nyamara baba bakora rwose barwanya kandi babera inkomyi umurimo wa Mwuka Muziranenge w’Imana. Baba bashyeshyenga umunyabyaha kugira ngo aruhukire ku gasongero k’irimbukiro. Bene abo baba bagira uruhare mu cyaha cye kandi bakishyiraho uruhare ruteye ubwoba mu kutihana kwe. Abantu benshi cyane barimbutse bazize uku kugira impuhwe zidakwiriye kandi ziyobya. {AA 241.4}

Nadabu na Abihu ntibaba barakoze icyo cyaha cyabarimbuye iyo ubwenge bwabo butabanza kuyobywa igice no kunywa inzoga uko bishakiye. Bari basobanukiwe ko kwitegura byitondewe kandi bikomeye ari ingenzi mbere yo kwinjira mu buturo bwera — aho Imana yigaragarizaga — nyamara kubwo kutirinda ntibari bujuje ibyangombwa byo gukora umurimo yabo wera. Ubwenge bwabo ntibwakoraga neza, kandi imyumvire yabo ku byerekeye ibitunganye yari yijimye ku buryo batashoboraga kumenya itandukaniro riri hagati y’ibyera n’ibisanzwe. Aroni n’abahungu be bari basigaye bahawe uyu muburo ugira uti: “Ntukanywe vino cyangwa igisindisha kindi, wowe n’abana bawe muri kumwe, uko muzajya kwinjira mu ihema ry’ibonaniro mudapfa; iryo ribabere itegeko ridakuka mu bihe byanyu byose, mubone uko mutandukanya ibyera n’ibitari ibyera, n’ibihumanya n’ibidahumanya; mukigisha Abisirayeli amategeko yose Uwiteka yabwiye Abisirayeli mu kanwa ka Mose.” (Abalewi 10:9-11). Gukoresha ibinyobwa bisindisha bigira ingaruka yo guca intege umubiri, gutesha intekerezo umurongo utunganye ndetse no gucogoza imico mbonera. Bibuza abantu gusobanukirwa ukwera kw’ibintu byera ndetse n’Imbaraga ikomeye iranga ibyo Imana

isaba. Abantu bose babaga bari mu myanya ijyana n'inshingano zera bagombaga kuba abagabo birinda nta gukebakeba kugira ngo ubwenge bwabo bushobore gutandukanya icyiza n'ikibi, kandi babashe kugira amahame ashikamye n'ubwenge bwo gukorana ubutabera no kugaragaza imbabazi. {AA 242.1}

Inshingano nk'iyo ikomeza kuba iya buri muyoboke wese wa Kristo. Intumwa Pawulo iravuga iti: "Ariko mwebweho muri ubwoko bwatoranyijwe, abatambyi b'ubwami, ishyanga ryera, n'abantu Imana yaronse. (1 Petero 2:9). Imana idusaba kurinda imbaraga zose z'umubiri zikaba mu buryo bwiza cyane bushoboka kugira ngo tubashe gukorera Umuremyi wacu umurimo yemera. Iyo ibisindisha bikoreshejwe, hazakurikiraho ingaruka nk'izabaye kuri bari batambyi b'Abisiraheli. Umutimanama uzatakaza uburyo washoboraga kumenya icyaha, kandi intambwe yo kwinangira mu bugome izarushaho guterwa kugeza ubwo ibintu bisanzwe n'ibyejejwe bitazongera kugira itandukaniro rigaragara. None se ni mu buhe buryo twagera ku rugero rw'ibyo Imana ishaka? "Mbese ntimuzi yuko imibiri yanyu ari insengero z'Umwuka Wera, uri muri mwe, uwo mufite wavuye ku Mana? Kandi ntimuri abanyu ngo mwigenge; kuko mwaguzwe igiciro. Nuko rero mutume imibiri yanyu ihimbaza Imana." (1Abakorinto 6:19, 20). "Namwe iyo murya, cyangwa munywa, cyangwa mukora ikindi kintu cyose, mujye mukorera byose guhimbaza Imana." (1 Abakorinto 10:31). Itorero rya Kristo mu bihe byose ryahawe umuburo ukomeye kandi uteye ubwoba uvuga ngo: "Umuntu utsemba urusengero rw'Imana, Imana izamutsemba; kuko urusengero rw'Imana ari urwera, kandi urwo rusengero ni mwe." 1Abakorinto 3:17 {AA 242.2

IGICE CYA 32 - AMATEGEKO N'ISEZERANO RYA KERA N'IRISHYA

Adamu na Eva bakiremwa bari bazi amategeko y'Imana; bari basobanukiwe ibyo abasaba; amabwiriza yayo yari yanditswe mu mitima yabo. Igihe umuntu yagwaga

kubwo gucumura, amategeko ntiyahindutse, ariko hashyizweho uburyo bwo gukemura ikibazo kugira ngo umuntu yongere kumvira. Hatanzwe isezerano ry'Umukiza, kandi hashyizweho ibitambo by'ibyaha byatungaga urutoki ku rupfu rwa Kristo we gitambo gikomeye cy'icyaha. Ariko iyo amategeko y'Imana aticwa, urupfu ntirwajyaga kubaho, Umukiza ntiyajyaga gukenerwa bityo n'ibitambo ntibiba byarabayeho. {AA 244.1}

Adamu yigishije amategeko y'Imana abamukomotseho, kandi uko ibisekuru byagiye bikurikirana yagiye ahererekanywa ava ku babyeyi bakayasigira abana babo. Ariko nubwo hatanzwe ubwo buntu kugira ngo umuntu acungurwe, abantu bake cyane ni bo babwemeye kandi barumvira. Kubwo gucumura, isi yahindutse mbi cyane bituma biba ngombwa kuyezaho guhumana kwayo hakoreshejwe Umwuzure. Nowa n'umuryango we bakomeye ku mategeko, kandi Nowa yigishije abamukomotseho Amategeko Cumi. Ubwo abantu bongeraga kureka Imana, Uwiteka yatoranyije Aburahamu, uwo yavuzeho iti: "kuko Aburahamu yanyumviraga, akitondera ibyo namwihanangirije n'ibyo nategetse n'amategeko yanjye nandikishije n'ayo navuze." (Itangiriro 26:5). Ni we wahawe umuhango wo gukeba, wari ikimenyetso kugira ngo abagihawe bose begurirwe gukorera Imana — kikaba cyari indahiro y'uko bazakomeza kwitandukanya no gusenga ibigirwamana kandi ko bazumvira amategeko y'Imana. Kuba abakomotse kuri Aburahamu barananiwe gukomeza iyo ndahiro nk'uko byagaragaye ubwo bifatanyaga n'abapagani kandi bagakora imigenzo yabo, ni byo byababereye impamvu yo kujya mu Misiri no kuhaba inkoreragahato. Ariko mu kwivanga n'abasenga ibigirwamana kwabo ndetse n'uko bahatirwaga kumvira Abanyamisiri byatumye amategeko y'Imana arushaho guhindanywa n'inyigisho mbi z'abapagani. Ku bw'iyo mpamvu, igihe Uwiteka yabakuraga mu Misiri, yamanukiye ku musozi Sinayi agoswe n'ikuzo rye kandi akikijwe n'abamarayika be maze mu gitinyiro giteye ubwoba avuga Amategeko ye abantu bose bateze amatwi. {AA 244.2}

Icyo gihe nta n'ubwo Imana yabasigiye amategeko yayo ngo bayafate mu mutwe kuko bari abantu bashoboraga kwibagirwa ibyo asaba, ahubwo yayanditse ku bisate by'ibuye. Imana yashakaga gukura mu Bisiraheli uburyo bwose bwo kuvanga amategeko yayo yera n'imihango ya gipagani, cyangwa kwitiranya ibyo isaba n'amategeko y'abantu cyangwa imigenzo yabo. Nyamara Imana ntiyahagarariye ku kubaha Amategeko cumi. Abantu bari baragaragaje ko bayoba mu buryo bworoshye ku buryo Imana itashoboraga gusiga n'umuryango n'umwe igishuko cyakwinjiriramo utarinzwe. Mose yategetswe kwandika imanza n'amateka n'amategeko, agatanga amabwiriza anonosoye yerekeye ibisabwa nk'uko Imana yamutegetse. Ayo mabwiriza yerekeye inshingano y'abantu ku Mana, kuri bagenzi babo ndetse no ku munyamahanga yari amahame gusa agize Amategeko Cumi yasobanuwe mu buryo bwaguye kandi atangwa mu buryo runaka kugira ngo hatagira n'umwe uyoba. Yari abereyeho kurinda ukwera kw'amategeko cumi yari yanditswe ku bisate by'amabuye.

{AA 244.3}

Iyo abantu bakurikiza amategeko y'Imana nk'uko yahawe Adamu nyuma yo gucumura, akarindwa na Nowa, agakurikizwa na Aburahamu, ntibiba byarabaye ngombwa ko hatangwa itegeko ryo gukeba. Iyo abakomotse kuri Aburahamu baba barakomeje isezerano ryagaragazwaga n'ikimenyetso cyo gukebwa, ntibaba baraguye mu gishuko ngo basenge ibigirwamana, kandi ntibiba byarabaye ngombwa ko bababazwa n'imibereho yo kuba inkoreragahato mu Misiri. Baba bararindiye amategeko y'Imana mu mitima yabo, kandi ntibiba byarabaye ngombwa ko Imana itangira amategeko yayo kuri Sinayi cyangwa ngo iyandike ku bisate by'amabuye. Kandi iyo abantu bashyira mu bikorwa amahame yo mu Mategeko Cumi, ntibiba byarabaye ngombwa ko amabwiriza y'inyongera ahabwa Mose. {AA 244.4}

Gahunda y'ibitambo yahawe Adamu na yo yahindanyijwe n'abamukomotseho. Ubupfumu, gusenga ibigirwamana, ubugome n'ubusambanyi bw'indengakamere byangije umurimo woroheje kandi w'ingenzi Imana yari yarashyizeho. Kubera kubana igihe kirekire n'abasengaga ibigirwamana, Abisiraheli bari yaravanze imigenzo myinshi ya gipagani no gusenga kwabo. Kubw'ibyo, kuri Sinayi Uwiteka yabahaye amabwiriza anonosoye yerekeranye n'umurimo wo gutamba ibitambo. Ihema ry'ibonaniro rimaze kuzura, Imana yavuganiye na Mose mu gicu cy'ubwiza cyari kiri hejuru y'intebe y'ubuntu maze imuha amabwiriza yuzuye yerekeye gahunda y'ibitambo ndetse n'uburyo bwo kuramya bugomba gukoreshwa mu buturo bwera. Nibwo amategeko y'imihango yahawe Mose maze ayandika mu gitabo. Ariko Amategeko Cumi yavugiwe n'Imana kuri Sinayi yari yaranditswe n'Imana ubwayo ku bisate by'amabuye maze abikwa mu buryo bwera mu isanduku. {AA 245.1}

Hari abantu benshi bagerageza kuvanga ayo mategeko y'uburyo bubiri, bagakoresha amasomo avuga ku mategeko y'imihango bashaka kwerekana ko amategeko cumi yavuyeho; nyamara ibi ni ukugoreka ibyanditswe. Itandukaniro hagati y'ayo mategeko y'uburyo bubiri riragutse kandi riragaragara. Gahunda y'imihango yari igizwe n'ibigereranyo byatungaga agatoki kuri Kristo, ku gitambo cye n'ubutambyi bwe. Aya mategeko y'imihango n'ibitambo n'imihango byajyanaga nayo, byagombaga gukorwa n'Abayahudi kugeza igihe icyo byashushanyaga gisohoreye mu rupfu rwa Kristo, Ntama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi. Icyo gihe ni bwo ibitambo byagombaga kurangira. Ayo ni yo mategeko Kristo "yadukuyeho akayabamba ku musaraba We." Abakolosayi 2:14. Ariko ku byerekeye Amategeko cumi umunyezaburi avuga ati: "Uwiteka, iteka ryose Ijambo ryawe rihora mu ijuru rihamye." Zaburi 119:89. Kandi Kristo ubwe avuga ashimangira cyane ati: "Mwitekereza ko naje gukuraho amategeko. . .Kandi ndababwira ukuri yuko ijuru n'isi kugeza aho bizashirira, amategeko atazavaho inyuguti imwe cyangwa agace kayo gato, kugeza aho byose bizarangirira." (Matayo 5:1 7, 18). Aha ntiyigishaga avuga gusa ibyo amategeko

y’Imana yasabaga kera cyangwa uko byari biri muri icyo gihe, ahubwo yigisha avuga ko ibyo amategeko avuga bidakwiriye guhinduka isi n’ijuru bikiriho. Amategeko y’Imana ntahinduka nk’uko intebe yayo y’ubwami idahinduka. Amategeko azakomeza kugenga umuntu ibihe byose. {AA 245.2}

Ibyerekeye amategeko yavugiwe kuri Sinayi, Nehemiya abivugaho atya ati: “Wamanukiye ku musozi wa Sinayi, uvugana na bo uri mu ijuru,

ubacira imanza zitabera, ubaha amategeko y’ukuri n’amateka atunganye n’ibindi byategetswe. ” (Nehemiya 9:13). Na Pawulo “intumwa ku banyamahanga,” aravuga ati: “Noneho amategeko ni ayera, ndetse n’itegeko ryose ni iryera rirakiranuka, kandi ni ryiza.” (Abaroma 7:12). Nta kindi kivugwa kitari Amategeko Cumi; kuko ari ari yo avuga ati: “Ntukifuze.” (Abaroma 7:7). {AA 245.3}

Nubwo urupfu rw’Umukiza rwakuyeho amategeko y’ibitambo byashushanyaga Kristo, ntirwakuyeho no ku rwego ruto rushoboka rwose gukurikiza amategeko cumi. Ibiramambu, kuba byarabaye ngombwa ko Kristo apfa kugira ngo ahongerere icyaha cyo kwica amategeko, byerekana ko aya mategeko adahinduka. {AA 246.1}

Abavuga ko Kristo yaje gukuraho amategeko y’Imana n’Isezerano rya Kera, bavuga ko igihe cy’Abayahudi ari igihe cy’umwijima kandi bakerekana ko idini y’Ababeburayo ari idini ishingiye ku migenzo n’imihango gusa. Ariko ubwo ni ubuyobe. Mu mpapuro zose zivuga iby’amateka yera zanditswemo ibyo Imana yagiye igirira ubwoko bwayo yatoranyije, harimo ibihamya bikomeye bya NDIHO ukomeye. Ntabwo Imana yigeze yereka abana b’abantu imbaraga zayo n’ikuzo ryayo kuruta igihe yo ubwayo yimenyekanishije ko ari yo mutware w’Abisiraheli kandi igaha ubwoko bwayo amategeko. Aha hari hari inkoni y’ubutware itarambuwe n’ukuboko k’umuntu; kandi imirambagirire y’Umwami wa Isiraheli utagaragara yari myiza cyane kandi itangaje bitavugwa. {AA 246.2}

Muri uko guhishurwa kose kw’ubwiza bw’Imana ikuzo ryayo ryagaragariye muri Kristo. Ntabwo ari igihe Umukiza yazaga gusa, ahubwo mu bihe byose byahise nyuma yo gucumura no gutangwa kw’isezerano ryo gucungurwa, Imana yari muri Kristo, aba ari ho yiyungira n’abari mu isi. (2 Abakorinto 5:19). Kristo yari urufatiro n’ihuriro rya gahunda y’ubutambyi haba mu gihe cy’abakurambere ndetse no mu bihe by’Abayahudi. Kuva igihe ababyeyi bacu ba mbere bacumuriye, nta kuganira mu buryo butaziguye kongeye kuba hagati y’Imana n’umuntu. Data wa twese yashyize isi mu maboko ya Kristo kugira ngo binyuze mu murimo we w’ubuhuza ashobore gucungura umuntu kandi ashimangire ubutware n’ubutungane by’amategeko y’Imana. Umushyikirano wose wagiye ubaho hagati y’Imana n’inyokomuntu yacumuye wanyuraga muri Kristo. Umwana w’Imana ni we wahaye ababyeyi bacu ba mbere isezerano ryo gucuñgurwa. Ni we wihishuriye abakurambere. Adamu, Nowa, Aburahamu, Isaka, Yakobo, na Mose

bari basobanukiwe ubutumwa bwiza. Bari bategereje agakiza kari kuzabonekera mu Nshungu y'umuntu n'Umwishingizi we. Abo bakiranutsi ba kera bashyikiranaga n'Umukiza wagombaga kuza ku isi yacu yigize umuntu; kandi bamwe muri bo bavuganye na Kristo ndetse n'abamarayika bo ijuru imbona nkubone. {AA 246.3}

Kristo ntiyari umuyobozi w'Abaheburayo mu butayu gusa, ni we Marayika wari ufite izina rya Yehova, kandi ni we wabagendaga imbere yitwikiye mu nkingi y'igicu. Ni we wahaye Abisiraheli amategeko. Mu ikuzo ritangaje ryagaragaye kuri Sinayi, Kristo yavuze amategeko cumi ya Se Abisiraheli bose bumva. Ni we wahaye Mose amategeko yanditswe ku bisate by'amabuye. {AA 246.4}

Kristo ni we wavuganaga n'abantu be abinyujeje mu bahanuzi. Ubwo intumwa Petero yandikiraga itorero rya Gikristo, yaravuze ati: "Abahanuzi bahanuye iby'ako gakiza, barondora iby'ubuntu mwari mugiye kuzahabwa babishimikiriye, barondora igihe icyo ari cyo n'ibimenyetso byacyo, byerekanwaga n'Umwuka wa Kristo wari muri bo, agahamya imibabaro ya Kristo, itari yaba, n'ubwiza bw'uburyo bwinshi bwari bugiye kuyiheruka." (1 Petero 1:10, 11). Ijwi rya Kristo ni ryo rivuganira natwe mu Isezerano rya Kera. Guhamya kwa Yesu ni umwuka w'ubuhanuzi. Ibyahishuwe 19:10. {AA 246.5}

Igihe Yesu ubwe yari kumwe n'abantu, mu nyigisho ze yerekeje ibitekerezo byabo ku Isezerano rya Kera. Yabwiye Abayahudi ati: "Murondora mu byanditswe, kuko mwibwira ko muri byo ari mo mufite ubugingo buhoraho; kandi ari byo bimpamya." (Yohana 5:39). Icyo gihe ibitabo by'Isezerano rya Kera ni wo mugabane wonyine wa Bibiliya wari uriho. Umwana w'Imana yarongeye aravuga ati: "Bafite Mose n'abahanuzi, babumvire." Yongeyeho ati: "Nibatumvira Mose n'abahanuzi, ntibakwemera, naho umuntu yazuka." (Luka 16:29,31). {AA 247.1}

Amategeko y'imihango yatanzwe na Kristo. Na nyuma y'igihe byari bitakiri ngombwa kuyubahiriza, Pawulo yayashyize imbere y'Abayahudi mu mwanya wayo n'agaciro kayo nyakuri, yerekana umwanya afite mu nama y'agakiza ndetse n'isano afitanye n'umurimo wa Kristo. Intumwa ikomeye Pawulo avuga yuko ayo mategeko ari meza, ko yakomotse ku Mana. Umurimo ukomeye wakorerwaga mu buturo bwera ukuri gukomeye kwagombaga guhishurwa mu bisekuru byagombaga gukurikiraho. Umwotsi w'umubavu wazamukanaga n'amasengesho y'Abisiraheli ugereranya ubutungane bwa Kristo bwonyine bushobora gutuma isengesho ry'umunyabyaha ryemerwa n'Imana. Igitambo kiva amaraso cyashyirwaga ku gicaniro cy'ibitambo cyahamyaga Umucunguzi wagombaga kuza; kandi ahera cyane haturukaga ikimenyetso kigaragara kirabagirana cy'uko Imana ihari. Ni ko rero mu gihe cyakurikiye ighe cy'umwijima n'ubuhakanyi mu by'umwuka, ukwizera kwakomeje kurindirwa mu mitima y'abantu kugeza ubwo Mesiya wari warasezeranywe yaje. {AA 247.2}

Yesu yari Umucyo w'abantu be —Umucyo w'isi - mbere y'uko aza ku isi mu ishusho

y’umuntu. Icyezezi cy’umucyo cya mbere cyarasiye mu mwijima icyaha cyari cyarazingitiranyijemo isi, cyaturutse kuri Kristo. Kandi kuri we ni ho haturutse umwambi wose w’umucyo w’ijuru wageze ku batuye ku isi. Mu mugambi wo gucungura umuntu, Kristo ni Alufa na Omega — Itangiriro n’Iherezo. {AA 247.3}

Uhereye igihe Umukiza yasheshe amaraso ye kugira ngo ibyaha bibabarirwe maze akazamuka mu ijuru, “kugira ngo none ahagarare imbere y’Imana ku bwacu” (Abaheburayo 9:24), umucyo uhora uturuka ku musaraba w’i Kaluvari ndetse n’ahera ho mu buturo bwera bwo mu ijuru. Ariko umucyo umurika kurushaho twahawe ntukwiriye kudutera gusuzugura wa wundi wa kera wakiriwe binyuze mu bigereranyo byerekezaga ku Mukiza wajyaga kuza. Ubutumwa bwiza bwa Kristo bumurika ku butunzi bw’Abayahudi kandi bugaha agaciro amategeko y’imihango agaciro. Uko ukuri gushya guhishurwa maze ukwari kwaramanyekanye kuva kera kukarushaho gusobanuka, ni ko imico n’imigambi by’Imana bigaragarira mu buryo igirira ubwoko bwayo yatoranyije. Buri murase wose w’inyongera twakira uduha kurushaho gusobanukirwa n’inama y’agakiza, ari yo shyirwa mu bikorwa ry’ubushake bw’Imana mu gakiza ka muntu. Tubona ubwiza n’imbaraga bishya mu ijambo ryahumetswe, kandi twiga ibiryanditswemo tubishishikariye. {AA 247.4}

Abantu benshi bibwira ko Imana yashyize urusika rutandukanya Abaheburayo n’abandi bantu bose bo ku isi. Bibwira kandi ko kwitabwaho nayo ndetse n’urukundo rwayo byakuwe ku bandi bantu bose ku rwego rukomeye bigashyirwa ku Bisiraheli. Nyamara Imana ntiyagennye ko abantu bayo bubaka urusika rubatandukanya na bagenzi babo. Umutima w’Imana yuje urukundo rutarondoreka washakaga kugera ku bantu bose batuye ku isi. Nubwo abantu banze Imana, yahoraga ishaka kubihishurira no kubasangiza ku rukundo rwayo n’ubuntu bwayo. Imigisha yayo yahawe ubwoko bwatoranyijwe kugira ngo baheshe abandi imigisha. {AA 248.1}

Imana yahamagaye Aburahamu, imuha guhirwa n’icyubahiro; kandi ubunyangamugayo bw’uwo mukurambere bwabaye umucyo ku bantu bose bari batuye ahantu yagiye atura. Aburahamu ntiyitaruraga abaturanyi be. Yakomeje kugirana isano y’ubucuti n’abami b’amahanga yari amuzengurutse, ndetse bamwe muri bo baramwubahaga, kandi ubupfura bwe no kutikanyiza, ubutwari n’ubugwaneza byagaragazaga imico y’Imana. Muri Mezopotamiya, i Kanani, mu Misiri ndetse no mu baturage b’i Sodomu, Imana yo mu ijuru yagaragariye muri Aburahamu wari uyihagarariye. {AA 248.2}

Imana ibinyijije muri Yozefu yiyeretse Abanyamisiri n’andi mahanga yose yari afitanye umubano n’iryo shyanga rikomeye. Kuki Imana yahisemo kuzamura Yozefu cyane akagira umwanya ukomeye mu Banyegiputa? Imana iba yarashatse ubundi buryo kugira ngo isohoze imigambi yari ifitiye bene Yakobo; ariko yashatse kugira Yozefu umucyo maze imushyira mu ngoro y’umwami kugira ngo umucyo uvuye mu ijuru

ushobore kugera hafi na kure. Kubw’ubwenge bwe no gukoresha ubutabera, kubw’ubutungane bwe n’ubugwaneza byarangaga imibereho ye ya buri munsi, kubwo kwitangira inyungu za rubanda — kandi abo bantu bari ishyanga risenga ibigirwamana - Yosefu yari ahagarariye Kristo. Uwo muntu wabagiriraga neza kandi Abanyamisiri bakajya bamusanga bamushima kandi bamusingiza, iryo shyanga ry’abapagani ryamubonagamo urukundo rw’Umuremyi n’Umucunguzi wabo. Uko ni ko na Mose Imana yamushyiriyemo umucyo iruhande rw’intebe y’ubwami bwari bukomeye cyane ku isi, kugira ngo abantu bose babishaka bamenye Imana nyakuri kandi nzima. Uyu mucyo wose kandi wahawe Abanyamisiri mbere y’uko ukuboko kw’Imana kuramburirwa kubaciraho iteka. {AA 248.3}

Igihe Imana yacunguraga Abisiraheli ibakuye mu Misiri, kumenya ububasha bw’Imana kwamamaye hirya no hino. Abantu bamenyereye intambara bo mu gihome cy’i Yeriko bahinze umushyitsi. Rahabu yaravuze ati: “Tubyumvise, uwo mwanya imitima yacu ishya ubwoba, nta muntu n’umwe mutakuye umutima kuko Uwiteka Imana yanyu ari yo Mana yo hejuru mu ijuru no hasi mu isi.” (Yosuwa 2:11). Imyaka amagana menshi Abisiraheli bavuye mu Misiri, abatambyi b’Abafilisitiya bibukije abantu babo ibyago byateye mu Misiri maze babagira inama yo kutarwanya Imana ya Isiraheli. {AA 248.4}

Imana yahamagaye Abisiraheli, ibaha umugisha kandi irabakuza atari ukugira ngo bazakire ubuntu bwayo kandi bagerweho n’imigisha yabo bonyine bitewe no kumvira amategeko yayo, ahubwo kwari ukugira ngo yigaragarize abatuye isi bose ibibanyujijemo. Kugira ngo uyu mugambi ugerweho byatumye Imana ibategeka kutivanga n’amahanga bari baturanye yasengaga ibigirwamana. {AA 248.5}

Imana yangaga urunuka gusenga ibigirwamana n’ibyaha byose bijyana nabyo, kandi yategetse ubwoko bwayo kutivanga n’andi mahanga, «ngo bakurikize imigirire yayo, » bityo bibagirwe Imana. Imana yababujije gushyingiranwa n’abasenga ibigirwamana kuko iyo bagira batyo, imitima yabo yari gutandukana nayo. Byari ngombwa icyo gihe nk’uko biri ubu kubera ko abantu b’Imana bakwiriye kuba batunganye, “ntibanduzwe n’iby’isi.” Bagomba gutandukana rwose n’umwuka ugenga isi kubera ko urwanya ukuri n’ubutungane. Ariko Imana ntiyari ifite umugambi w’uko abantu bayo, mu butungane bwabo, batabana n’ab’isi kugira ngo batazabahindura. {AA 249.1}

Nk’uko umwami wabo ari, abayoboke ba Kristo bo mu bihe byose bagomba kuba umucyo w’isi. Umukiza yaravuze ati : « Muri umucyo w’isi : umudugudu wubatswe mu mpinga y’umusozi ntubasha kwihisha. Ntabakongeza itabaza ngo baritwikirize intonga, ahubwo barishyira ku gitereko cyaryo, rikamurikira abari mu nzu bose » - bishatse kuvuga abari mu isi. Yongeyeho ati : « Abe ari ko umucyo wanyu ubonekera imbere y’abantu, kugira ngo babone imirimo yanyu myiza, bahereko bahimbaze so wo mu ijuru. » (Matayo 5 :14-16). Ibi ni byo Henoki, Nowa, Aburahamu, Yozefu na Mose bakoze. Ibi

ni byo Imana yashakaga ko ubwoko bwayo bw'Abisiraheli bukora. {AA 249.2}

Imitima yabo mibi itizera kandi iyobowe na Satani ni yo yatumye bahisha umucyo wabo aho kuwumurikishiriza amahanga yari abakikije. Uwo mwuka kandi ni wo wabateye gukurikiza imigirire mibi y'abapagani no kwitandukanya n'abandi kubw'ubwirasi nk'aho urukundo n'uburinzi by'Imana byari ibyabo bonyine. {AA 249.3}

Nk'uko Bibiliya igaragaza amategeko y'uburyo bubiri, amwe ntahinduka kandi ahoraho iteka ryose, mu gihe andi yo yahindukaga kandi akaba ay'igihe gito, ni ko hariho n'amasezerano abiri. Isezerano ry'ubuntu ryahawe umuntu ubwa mbere muri Edeni ubwo yari amaze gucumura maze Imana ikamuha isezerano ko urubyaro rw'umugore ruzamena umutwe w'inzoka. Iryo sezerano ryahaye abantu bose imbabazi ndetse n'ubuntu bw'Imana bufasha kugira ngo mu bihe bizaza abantu babashe kumvira babibashishijwe no kwizera Kristo. Iri sezerano kandi ryabizezaga n'ubugingo buhoraho nibaramuka badateshutse ku kumvira amategeko y'Imana. Uko ni ko abakurambere babonye ibyiringiro by'agakiza. {AA 249.4}

Iryo sezerano ryongeye kuvugururwa rihabwa Aburahamu ngo: " [. . .] mu rubyaro rwawe ni mo amahanga yose yo mu isi azaherwa umugisha." (Itangiriro 22:18). Iri sezerano ryerekezaga kuri Kristo. Aburahamu yasobanukiwe n'iryo sezerano (soma Abagalatiya 3 :8,16), kandi yizeye ko Kristo ababarira ibyaha. Uko kwizera ni ko kwatumye yitwa umukiranutsi. Isezerano ryahawe Aburahamu na ryo ryakomeje gushimangira ubutware bw'amategeko y'Imana. Uhoraho yabonekeye Aburahamu aramubwira ati: « Ni njye Mana Ishoborabyose; ujye ugendera imbere yanjye, kandi utungane rwose. » (Itangiriro 17 :1). Ubuhamya Imana yatanze bwerekaye umugaragu wayo w'indahemuka bwari ubu ngo: "...kuko Aburahamu yanyumviraga, akitondera ibyo namwihanangirije n'ibyo nategetse n'amategeko yanjye nandikishije n'ayo navuze." (Itangiriro 26 :5). Uhoraho yabwiye Aburahamu ati: « Kandi nzakomeza isezerano ryanjye nawe n'urubyaro rwawe ruzakurikiraho, rigeze ibihe byose, ribe isezerano rihoraho, kugira ngo nkubere Imana wowe n'urubyaro rwawe ruzakurikiraho. » Itangiriro 17 :7. {AA 249.5}

Nubwo iri sezerano ryahawe Adamu rikongera guhabwa Aburahamu, ntiryashoboraga guhama bitaragera igihe Kristo yapfiriye. Ryari ryarabayeho kubw'isezerano ry'Imana uhereye igihe itangazo rya mbere ryo gucungurwa ryatangwaga. Ryari ryaremewe kubwo kwizera, nyamara ubwo Kristo yarihamyaga akarishimangira, ryiswe isezerano rishya . Iryo sezerano rishya ryari rishingiye ku mategeko y'Imana, kandi bwari uburyo bwo gutuma abantu bongera guhuza n'ubushake bw'Imana, bagashyirwa aho babasha kumvira amategeko y'Imana. {AA 250.1}

Irindi sezerano ryitwa isezerano rya "kera" mu Byanditswe Byera ryabaye hagati y'Imana n'Abisiraheli kuri Sinayi, kandi ryahamijwe n'amaraso y'igitambo. Isezerano

ryahawe Aburahamu ryahamijwe n’amaraso ya Kristo bityo ryitwa isezerano rya “kabiri” cyangwa “rishya,” kuko amaraso yarihamije yasheshwe nyuma y’amaraso y’isezerano rya mbere. Kuba isezerano rishya ryari rifite agaciro mu gihe cya Aburahamu bigaragarira mu kuba ryarahamijwe n’isezerano ndetse n’indahiro by’Imana — ibyo bikaba ari « ibintu bibiri bidahinduka, ibyo Imana itabasha kubeshyeramo. » Abaheburayo 6 :18.

{AA 250.2}

Ariko se niba isezerano ryahawe Aburahamu ryari rikubiyemo isezerano ryo gucungurwa, kuki kuri Sinayi habayeho irindi sezerano? Mu buretwa bababyemo, Abisiraheli bari baribagiwe Imana ndetse n’amahame y’isezerano ryahawe Aburahamu ku rwego rukomeye. Ubwo Imana yabacunguraga ibakuye mu Misiri, yashakaga kubereka ububasha n’imbabazi byayo, kugira ngo babashe kuyikunda no kuyiringira. Yarabamanuye ibageza ku Nyanja Itukura (aho byasaga ko bidashoboka ko bahacikira Abanyamisiri bari babakurikiye) kugira ngo babashe kubona ko ntacyo bishoboreye, bityo babone uko bakeneye ubufasha bw’Imana. Icyakurikiyeho ni uko yabakijije. Basabwe n’urukundo bakunda Imana kandi barayishima ndetse bagirira icyizere imbaraga yayo ibafasha. Yabihambiriyeho nk’umucunguzi wabo wari ubakuye mu buretwa bw’igihe gito. {AA 250.3}

Ariko hari hakiri ukuri gukomeye kwagombaga gucengezwa mu ntekerezo zabo. Kubera kuba hagati y’abasenga ibigirwamana kandi basayishije mu bibi, Abisiraheli ntibari bazi neza ubutungane bw’Imana, ntibari bazi uburyo imitima yabo yari yarasabwe n’ibyaha birenze ndetse ntibari bazi ko muri bo ubwabo badashobora kumvira amategeko y’Imana, kandi ntibari banasobanukiwe uko bakeneye Umukiza. Bagombaga kwigishwa ibi byose. {AA 250.4}

Imana yabagejeje kuri Sinayi ; ibereka ikuzo ryayo ; ibaha amategeko yayo kandi ibasezeranira ko bazagira imigisha myinshi cyane ari uko bumviye. Yarababwiye iti : “None nimunyumvira by’ukuri, mukitondera isezerano ryanjye,...muzambera ubwami bw’abatambyi n’ubwoko bwera.” (Itangiriro 19:5,6). Abantu ntibamenye uko imitima yabo yasabwe n’ibyaha kandi ko badafite Kristo batashobora gukurikiza amategeko y’Imana; bityo bahita bagirana isezerano n’Imana. Biyumvagamo ko bashobora gushyiraho ubutungane bwabo bwite maze baravuga bati : “Ibyo Uwiteka yavuze byose tuzabikora kandi tuzamwumvira.” (Kuva 24:7). Bari bariboneye amategeko atangwa Imana igaragaza ikuzo ryayo mu buryo buteye ubwoba, ndetse bari barahindiye umushyitsi imbere y’umusozi wa Sinayi. Nyamara hashize ibyumweru bike gusa bahise bica isezerano bagiranye n’Imana, maze barunama basenga igishushanyo kiyagijwe. Ntibashoboraga kwiringira ko Imana izabagirira neza binyuze kuri rya sezerano bari bishe ; none ubu ubwo babonaga ubunyacyaha bwabo ndetse n’uko

bakeneye imbabazi, byatumye bumva ko bakeneye Umukiza wagaragarijwe mu isezerano ryahawe Aburahamu kandi akagereranywa binyuze mu bitambo. Noneho kubwo kwizera n'urukundo bifatanyije n'Imana yo mucunguzi wabo ubakura mu bubata bw'icyaha. Noneho bari biteguye guha agaciro imigisha y'Isezerano rishya. {AA 250.5}

Ingingo zari zigize "Isezerano rya kera" zari; 'Umvira maze ubeho.' "Maze mbaha amategeko yanjye, mbamenyesha n'amateka yanjye; niyo abeshaho uyakomeje." (Ezekiyeli 20:11; Abalewi 18:5); ariko "Udasohoza amagambo y'ayo mategeko ngo ayumvire, avumwe." (Gutegeka kwa Kabiri 27:26). Isezerano rishya" ryo ryari rishingiye ku "masezerano meza kurushaho" ari yo isezerano ryo kubabarirwa ibyaha ndetse n'iry'ubuntu bw'Imana buhindura umutima ukaba mushya kandi budatuma wumvikana n'amahame y'amategeko y'Imana. "Ariko isezerano nzasezerana n'inzu ya Isirayeli hanyumay'iyo minsi ngiri. Ni ko Uwiteka avuga ngo: 'Nzashyira amategeko yanjye mu nda yabo, kandi mu mitima yabo ni ho nzayandika. . . nzababababarira gukiranirwa kwabo, kandi icyaha cyabo sinzacyibuka ukundi.'" Yeremiya 31:33, 34. {AA 251.1}

Ya mategeko yanditswe ku bisate by'amabuye ni yo yandikwa mu mutima na Mwuka Muziranenge. Aho kugira ngo twishyirireho ubutungane bwacu ubwacu, twemera ubutungane bwa Kristo. Amaraso ye akuraho ibyaha byacu. Kumvira kwe kwemerwa mu cyimbo cyacu. Bityo umutima wahinduwe mushya na Mwuka Muziranenge uzera "imbuto za Mwuka." Kubw'ubuntu bwa Kristo, tuzabaho twumvira amategeko y'Imana yanditswe mu mitima yacu. Kubera ko tuzaba dufite Mwuka wa Kristo, tuzagenda nk'uko yagendaga. Abinyujije mu muhanuzi yavuze ibye ati: "Mana yanjye, nishimira gukora ibyo ukunda; ni koko, amategeko yawe ari mu mutima wanjye." (Zaburi 40:8). Kandi igihe yari kumwe n'abantu yaravuze ati: "Kandi uwantumye turi kumwe; ntuyansize jyenyine, kuko mpora nkora ibyo ashima." Yohana 8:29. {AA 251.2}

Intumwa Pawulo yerekana neza isano iri hagati yo kwizera n'amategeko mu isezerano rishya. Aravuga ati: "Nuko rero, ubwo twatsindishirijwe no kwizera, dufite amahoro ku Mana kubw'Umwami wacu Yesu Kristo." "Mbese none duhinduze ubusa amategeko kwizera? Ntibikabeho! Ahubwo turayakomeza." "Kuko ibyo amategeko yananiwe gukora kubw'intege nke za kamere yacu," (ntiyashoboraga gutsindishiriza umuntu kuko umuntu muri kamere ye y'icyaha atashoboraga kubahiriza amategeko), Imana yabisohoje ubwo yatumaga Umwana wayo afite ishusho ya kamere y'ibyaha, kuba igitambo cy'ibyaha, icira ibyaha bya kamera ho iteka; kugira ngo gukiranuka kw'amategeko gusohozwe muri twe, abadakurikiza ibya kamere y'umubiri, ahubwo bakunikize iby'umwuka." Abaroma 5:1; 3:31; 8:3,4. {AA 251.3}

Umurimo w'Imana ni umwe mu bihe byose nubwo inzego zitandukanye zo kujya mbere ndetse no kwigaragaza gutandukanye kw'imbaraga yayo kugira ngo imare ubukene

bw’abantu mu bihe binyuranye. Uhereye ku isezerano rya mbere ry’ubutumwa bwiza maze ukamanuka ukagera mu bihe by’abakurambere n’Abayuda, ndetse ukageza n’iki gihe, hagiye habaho guhishura buhoro buhoro kw’imigambi y’Imana mu mugambi w’agakiza. Umukiza wagereranywaga binyuze mu migenzo n’imihango byarangaga amategeko ya kiyuda, ni we Mukiza ugaragara mu butumwa bwiza. Ibicu byatwikiraga ishusho ye y’ubumana byareyutse, igihu n’ibicucu biratamuruka, maze Yesu, Umucunguzi w’isi aragaragara. Uwatanze amategeko kuri Sinayi kandi agaha Mose amabwiriza y’amategeko y’imihango, ni na we wabwirije Ikibwirizwa cyo ku Musozi. Amahame akomeye y’urukundo ku Mana, ayo yagaragaje ko ari urufatiro rw’amategeko n’abahanuzi, ni ugusubirwamo gusa kw’ibyo yari yarabwiye Abaheburayo ibinyujije muri Mose igira iti: “Umva, wa bwoko bw’Abisirayeli we; Uwiteka Imana yacu ni we Uwiteka wenyine, ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose n’ubugingo bwawe bwose n’imbaraga zawe zose.” (Gutegeka kwa kabiri 6:4,5). “Ukunde mugenzi wawe nk’uko wikunda.” (Abalewi 19:18). Muri ibyo bihe byombi, umwigisha ni umwe. Ibyo Imana isaba ni bimwe. Amahame y’ubutegetsi bwayo ni amwe. Byose byakomokaga ku Mana yo “Se w’imicyo, udahinduka, cyangwa ngo agire n’igicucu cyo guhinduka.” Yakobo 1:17. {AA 251.4}

IGICE CYA 33 - URUGENDO RWO KUVA KURI SINAYI KUGERA I KADESHI

Kubaka ihema ry'ibonaniro ntibyatangiye nyuma y'igihe Abisiraheli bamaze kugera kuri Sinayi; kandi iyo nyubako yera yatangiwe bwa mbere mu itangira ry'umwaka wa mbere bavuye mu Misiri. Ibi byakurikiwe no kurobanurwa kw'abatambyi, kwizihiza Pasika, kubara abantu, ndetse no kurangiza gushyira ku murongo ibintu byose byari ngombwa birebana na gahunda yabo y'ubutegetsi busanzwe n'ubuyobozi mu by'idini, ku buryo bamaze hafi umwaka wose babambye amahema kuri Sinayi. Kuramya kwabo kwari kwarafatiye gahunda ihamye kuri uwo musozi, amategeko agenga ubutegetsi bw'iryo shyanga yari yaratanzwe, kandi hari harashyizweho na gahunda inoze yabateguriraga kwinjira mu gihugu cy'i Kanani.

{AA 253.1}

Ubutegetsi bw'Abisiraheli bwarangwaga na gahunda inoze, kandi nziza cyane kubera ko nta makemwa bwari bufite kandi bwari bworoheje. Gahunda igaragarira mu butungane n'imiterere y'ibyo Imana yaremye byose yagaragaraga mu mikorere yose y'Abaheburayo. Imana ni yo yari ishingiro ry'ubutegetsi, kandi ikaba n'Umwami w'Abisiraheli. Mose yari umuyobozi wabo ugaragara washyizweho n'Imana kugira ngo atange amategeko kandi abigishe kuyubahiriza mu izina ryayo. Nyuma yaho mu bakuru b'imiryango hatoranyijwemo abajyanama mirongo irindwi bo gufasha Mose mu miyoborere rusange y'iryo shyanga. Hakurikiyeho abatambyi bagishaga Uwiteka inama mu buturo bwera. Abatware, cyangwa ibikomangoma, bategekaga imiryango. Hasi yabo habaga "abagabo b'abahanga b'ibyatwa, batwaraga igihumbi igihumbi, abandi ijana ijana, abandi mirongo itanu itanu, abandi icumi icumi," maze hagaheruka abandi batware bagombaga gukora izindi nshingano zihariye. Gutegeka kwa Kabiri 1:15. {AA 253.2}

Aho Abaheburayo bari barabambye amahema yabo hari hagabanyijwe kuri gahunda. Hari hatandukanyijwemo imigabane itatu minini, kandi buri wose ufite aho ugenewe mu nkambi. Hagati hari ihema ry'ibonaniro, aho Umwami utagaragara yabaga. Aharikikije hari hatuye abatambyi n'Abalewi. Hirya y'abo bose hari habambye amahema y'indi miryango yose. {AA 253.3}

Abalewi bahawe inshingano y'ihema ry'ibonaniro ndetse n'ibintu byose bifitanye isano naryo haba mu nkambi n'igihe cy'urugendo. Igihe inkambi yimukaga bagombaga kwimura iryo hema bityo bagera aho bagomba guhagarara bakongera bakaribamba. Nta muntu wo mu wundi muryango wari wemerewe kwegera iryo hema. Iyo yaryegeraga yarapfaga. Abalewi bari bagabanyijwemo imigabane itatu, abakomoka ku

bahungu batatu ba Lewi. Buri mugabane wahawe umwanya wawo n'umurimo byihariye. Imbere y'ihema ry'ibonaniro hafi cyane yaryo, hari habambye ihema rya Mose n'irya Aroni. Aherekeye ku majyepfo hari yhatuye abakomoka kuri Kora bari bafite inshingano yo kwita ku isanduku y'isezerano ndetse n'ibindi bikoresho. Aherekeye amajyaruguru hari hatuye abakomaka kuri Merari bari bashinzwe kwita ku nkingi z'ihema, ibifatanyisho, imbaho n'ibindi. Inyuma y'iryo hema hari hatuye abakomoka kuri Gerishomu bari bashinzwe kwita ku myenda yari ikinze iryo hema ndetse n'iyari irimanitswemo. {AA 253.4}

Umwanya wa buri muryango nawo warerekanywe neza. Buri muryango wagombaga kugenda no kubamba amahema yawo uhereranye nibendera ryawo nk'uko Uwiteka yari yarabitegetse. "Abisirayeli bajye babamba amahema yabo, umuntu wese ahererane n'ibendera ry'ababo, kandi babe munsi y'utubendera twa ba sekuru: berekeze amahema yabo ihema ry'ibonaniro, bayarigoteshe." "Maze ihema ry'ibonaniro rijye rihagurukana n'icyiciro cy'Abalewi, kigenda hagati y'ibindi byiciro: uko babambye amahema abe ari ko bahaguruka, umuntu wese muri gahunda ye, bahereranye n'amabendera y'ababo." (Kubara 2:2, 7). Ikivange cy'abanyamahanga benshi bari barakurikiye Abisiraheli bavuye mu Misiri ntibari bemerewe guturana n'iyo miryango, ahubwo bagombaga gutura ku nkengero y'inkambi, kandi n'urubyaro rwabo rwagombaga guhezwa mu iteraniro ry'Abisiraheli kugeza ku gisekuru cya gatatu. Gutegeka kwa Kabiri 23:7,8. {AA 254.1}

Banategetswe kugira isuku cyane ndetse aho babambye amahema n'ahahakikije hakaba gahunda inonosoye. Amabwiriza anonosoye yerekeye isuku yarashimangiwe. Umuntu wese wabaga yanduye ku mpamvu iyo ari yo yose yari abujijwe kwinjira mu nkambi. Izo ngamba zari ngombwa kugira ngo abantu benshi banganaga batyo bakomeze kugira ubuzima bwiza. Byari ngombwa nanone yuko abantu bakomeza gahunda nziza kandi bakaba abera kugira ngo Abisiraheli babashe kunezezwa n'uko Imana yera iri aho hantu. Imana yaravuze iti: "Kuko Uwiteka Imana yawe igendera hagati aho muganditse, kugira ngo igukize, ikugabize ababisha bawe bari imbere yawe: ni cyo gituma aho muganditse hakwiriye kuba ahera." Gutegeka kwa Kabiri 23:14. {AA 254.2}

Mu ngendo zose z'Abisiraheli, "isanduku y'isezerano ry'Uwiteka yabajyaga imbere, . . . ikabashakira aho gusibira." (Kubara 10:33). Isanduku yera yabaga irimo amategeko yera y'Imana ni yo yagombaga kujya imbere y'iyo mbaga ihetswe na bene Kohati. Mbere y'uko igenda Mose na Aroni n'abatambyi babaga bafite impanda zikozwe mu ifeza bahagararaga hafi yayo. Abo batambyi bahabwaga amabwiriza na Mose, maze na bo bakayamenyesha rubanda bakoresheje impanda. Yari inshingano y'abayobozi b'umuryango wose gutanga amabwiriza anonosoye yerekeranye n'ingendo zose bagombaga gukora nk'uko impanda zabaga zavuze. Umuntu uwo ari we wese

wirengagizaga gukurikiza amabwiriza yatanzwe yahanishwaga igihano cyo gupfa. {AA 254.3}

Imana ni Imana y'inyagahunda. Ibintu byose bifitanye isano n'ijuru biri kuri gahunda itagira amakemwa; kumvira n'ubwitonzi budakemwa biranga ibikorwa by'abamarayika bose. Kugera ku ntego bishobora kugerwaho gusa kubwa gahunda no gukora mu bwuzuzanye. Imana isaba ko mu murimo wayo habamo n'uburyo bw'imikorere nk'uko byari biri mu gihe cy'Abisiraheli. Abantu bose bakorera Imana bagomba gukorana ubwenge, badakora bya nikize kandi badatera waraza. Imana yifuza ko umurimo wayo ukoranwa kwizera nta gukebakeba kugira ngo ibashe kuwushyiraho ikimenyetso ko iwemera. {AA 254.4}

Imana ubwayo yayoboraga Abisiraheli mu ngendo zabo zose. Aho bagombaga kubamba amahema bahabwirwaga no kumanuka kw'inkingi y'igicu; kandi igihe cyose bagombaga kuguma aho, igicu cyagumaga hejuru y'ihema ry'ibonaniro. Iyo byabaga ngombwa ko bakomeza urugendo rwabo, cya gicu cyarazamukaga kikajya hejuru cyane y'iryo hema ryera. Icyo gicu cyerekanaga ko bakwiye guhagarara cyangwa ko bagenda. "Uko iyo sanduku yahagurukaga, Mose yaravugaga ati: 'Uwiteka, haguruka, ababisha bawe batatane, abanzi bawe baguhunge.' Yahagarara, akavuga ati: 'Uwiteka garukira inzovu z'ibihumbi by'Abisiraheli.'" Kubara 10:35, 36. {AA 255.1}

Hagati ya Sinayi na Kadeshi ku mupaka w'i Kanani hari urugendo rw'iminsi cumi n'umwe gusa. Ubwo amaherezo igicu cyatangaga ikimenyetso cyo gukomeza urugendo, Abisiraheli barahagurutse bakomeza urugendo bafite ishyushyu cyo guhita binjira mu gihugu cyiza. Yehova yari yarakoze ibitangaza ubwo yabavanaga mu Misiri, none se ni iyihe imigisha batajyaga kwizera kubona ubwo bari bagiranye isezerano ku mugaragaro ko bemeye Yehova ngo ababere Umwami, kandi bakaba bari bazwi ko ari ubwoko bwatoranyijwe bw'Isumbabyose?

{AA 255.2}

Nyamara benshi bahagurutse aho bari bamaze igihe kirekire babambye amahema yabo bumva bagononwa. Bari barageze hafi yo kuhafata ko ari ho gakondo yabo. Imana yari yarateranyirije ubwoko bwayo aho hagati y'ibyo bitare byari bibatwikiriye, yarabatandukanyije n'andi mahanga ari ukugira ngo ibasubiriremo amategeko yayo yera. Bakundaga kwitegereza umusozi wera, uwo ikuzo ry'Imana ryari ryaragiye rigaragarira mu mpinga zawo z'ibiharabuge. Aho hantu hagaragaraga cyane ubwiza n'Imana ndetse n'abamarayika bera ku buryo kuhava byasabaga kutabitekerezaho kandi ntibyari bishimishije. {AA 255.3}

Nyamara ubwo impanda zavuzwaga, abantu bose barahagurutse bakomeza urugendo, ihema ry'ibonaniro riri hagati yabo, kandi buri muryango ujya mu mwanya wawo

ugenewe, hamwe n’ibendera ryawo. Abantu bose bakangukiye kureba aho igicu kiri buberekeze. Ubwo cyerekezaga iburasirazuba, ahari ibisozi byari bifatanye, bifite umwijima kandi bidatuwe, mu mitima myinshi hajemo kubabara no gushidikanya. {AA 255.4}

Uko bakomezaga kujya imbere ni ko inzira yarushagaho kuba mbi. Iyo nzira yanyuraga mu mikoki irimo amabuye ashinyitse no mu biharabuge. Ahari habakikije hose hari hari ubutayu bunini - “...mu gihugu cy’umutarwe n’imyobo, mu gihugu cyumye kirimo igicucu cy’urupfu, mu gihugu kitanyurwamo n’umuntu kandi kitagira ugituyemo.” (Yeremiya 2:6). Ibibaya byarimo ibitare, hafi na kure byari byuzuyemo abagabo, abagore, abana, n’amafarashi akurura imitwaro, ndetse n’amashyo n’imikumbi. Bagendaga buhoro kandi bibaruhije; kandi iyo mbaga ntiyari yiteguye kwihanganira akaga n’inzira mbi nyuma y’uko yari imaze igihe kirekire yarabambye amahema. {AA 255.5}

Hashize iminsi itatu bagenda, batangira kwitotomba ku mugaragaro. Ibyo byakomotse mu kivange cy’abanyamahanga benshi, kandi benshi muri ntibari bunze ubumwe rwose n’Abisiraheli, kandi bahoraga bashakisha impamvu baheraho banenga. Abitotombaga ntibari banejejwe n’icyerekezo urwo rugendo ruganamo, kandi bahoraga bakemanga uburyo Mose yabayoboragamo nubwo bari bazi neza ko yaba Mose nabo ubwabo bakurikiraga icyerekezo cya gicu kibayoboyemo. Kuko kutanyurwa byanduza, ntibyatinze bikwira mu nkambi hose. {AA 255.6}

Na none bongera gusaba inyama zo kurya. Nubwo bahabwaga manu bihagije, ntibari banyuzwe. Mu myaka y’uburetwa bamaze mu Misiri, byari byarabaye ngombwa ko Abisiraheli batungwa n’ibyokurya byuzuye kandi byoroheje. Nyamara inzara itewe no kugira ibyo babuzwa ndetse no gukora cyane yari yaratumye ibyo byokurya byoroheje bibaryohera cyane. Abenshi mu Banyamisiri bari muri abo bari baramenyereye ibyo kurya bya gikire; kandi abo ni bo babaye aba mbere mu kwitotomba. Ubwo bahabwaga manu mbere y’uko Abisiraheli bagera kuri Sinayi, Uwiteka yari yarabahaye inyama mu rwego rwo gusubiza gusaba no kwivovota kwabo; ariko bazihawe umunsi umwe gusa. {AA 256.1}

Imana yashoboraga kubaha inyama bitaruhije nk’uko yabahaye manu, ariko barazibujijwe kubw’ibyiza byabo. Umugambi w’Imana wari uwo kubaha ibyokurya byiza bikwiranye n’ibyo bari bakeneye kuruta ibyokurya bidatunganye benshi bari baramenyereye mu Misiri. Irari ryabo ry’ibyokurya ryari ryaratandukiriye ryagombaga kugarurwa rigatungana kugira ngo babashe kuryoherwa n’ibyokurya umuntu yahawe mu irema, ari byo imbuto z’ibimera ku isi Imana yahaye Adamu na Eva muri Edeni. Iyi mpamvu ni yo yatumye Abisiraheli bari barabujijwe inyama ku rwego rukomeye. {AA 256.2}

Satani yabateje ikigeragezo cyo kubona ko ibyo babujijwe barenganijwe ndetse ko ari n'ubugome. Yabateye kwifuza ibyabuzanyijwe kubera ko yabonaga yuko kutirinda mu byokurya byajyaga kubatera irari ry'umubiri, kandi yuko binyuze muri ubwo buryo byajyaga kurushaho kumworohera kwigarurira abantu. Nyirabayazana w'indwara n'amakuba azategera abantu aho abona ko ashobora kubatsindira uruhenu. Uhereye igihe yashukiye Eva akarya ku itunda ribuzanyijwe, binyuze mu bigeragezo ateza irari ry'ibyokurya, Satani yagiye agusha abantu mu cyaha ku rwego rukomeye. Ubu buryo kandi ni bwo yakoresheje maze atera Abisiraheli kwivovotera Imana. Kutirinda mu byokurya no mu byo kunywa, biyobora ku gutwarwa n'irari, bikingurira abantu inzira yo kudakurikiza amategeko yose agenga imico mbonera. Iyo bugarijwe n'igishuko, usanga bafite imbaraga nke zo kugitsinda. {AA 256.3}

Imana yakuye Abisiraheli mu Misiri kugira ngo ibatuze mu gihugu cy'i Kanani, ari ubwoko butunganye, bwera, kandi bunezerewe. Kugira ngo uyu mugambi ugerweho, Imana yabahaye amabwiriza bagomba kumvira kubw'ibyiza yabifurizaga ndetse n'urubyaro rwabo. Iyo banga gutwarwa n'irari ry'inda maze bakumvira amabwiriza meza Imana yari yabahaye, ntibajyaga kumenya yuko habaho kugira intege nke no kurwara. Ababakomokaho bajyaga kugira imbaraga z'umubiri n'iz'ubwenge. Bajyaga gusobanukirwa neza ukuri n'inshingano yabo, bagatandukanya ibintu neza, kandi bakagira imitekerereze itunganye. Nyamara kudashaka kumvira amabwiriza y'Imana n'ibyo ibasaba, byababujije mu buryo bukomeye kugera ku rwego rwo hejuru Imana yifuzaga ko bageraho, ndetse binababuza kwakira imigisha Imana yari yiteguye kubaha. {AA 256.4}

Umunyezaburi aravuga ati: "Barageresha Imana imitima yabo, bayigeragеresha gusaba ibyokurya byo guhaza kwifuza kwabo, bagaya Imana, bati: 'Mbese Imana ibasha gutunganyiriza ameza mu butayu? Dore yakubise cya gitare, amazi aradudubiza, imigezi iratemba; mbese yabasha kuduha n'umutsima? Izabonera ubwoko bwayo inyama? Ni cyo cyatumye Uwiteka arakara, abyumvise." (Zaburi 78:18-21). Kwivovota n'umuvurungano byari byaragiye bibaho kenshi mu rugendo rwabo kuva ku Nyanja itukura kugera kuri Sinayi, ariko Imana kubera kubababarira ubujiji bwabo n'ubuhumyi bwabo, ntabwo yari yarigeze ibahanira icyaha cyabo. Ariko kuva icyo gihe, yari yarabihishuriye ku musozi wa Horebu. Kubera ko bari baribоneye igitinyiro cy'Imana, imbaraga n'imbabazi byayo, bari barakiriye umucyo mwinshi. Bityo kutizera kwabo no kutanyurwa bibaviramo icyaha gikomeye cyane. Ikindi kandi, bari barasezeranye ko bemeye Yehova akababera umwami ndetse bakumvira ubutware bwe. Ubwo rero kwitotomba kwabo byari ukwigomeka, bityo bagombaga guhanwa byihuse niba Abisiraheli baragombaga kurindwa kuba impehe no kurimbuka. " . . . umuriro w'Uwiteka wicana muri bo, ukongora abo ku iherezo ry'amagando yabo." Muri abo bitotombaga abarushaga abandi ububi bishwe n'umurabyo uturutse mu gicu. {AA

256.5}

Abantu bagize ubwoba binginga Mose ngo abasabire Uwiteka. Mose yarabasabiye maze umuriro urazima. Mu rwego rwo kwibuka iki gihano, aho hantu bahise Tabera, “kugurumana.” {AA 257.1}

Ariko bidatinze ikibi cyarushijeho gukara kurusha mbere. Aho kugira ngo icyo gihano giteye ubwoba gitere abarokotse kwicisha bugufi no kwihana, icyo gihano cyongeye kwitotomba kwabo gusa. Mu mpande zose, abantu bateranira ku miryango y’amahema yabo, barira kandi bitotomba. “Abanyamahanga y’ikivange bari hagati y’Abisiraheli batangira kwifuza, Abisiraheli na bo bongera kurira, baravuga bati: ‘Ni nde uzaduha inyama zo kurya? Twibutse ya mafi twariraga ubusa tukiri mu Egiputa, n’amadegede, n’amapapayi, n’ubutunguru bw’ibibabi by’ibibati n’ubutunguru bw’ibijumba, n’udutungurusumu. Ariko none turumye, nta cyo dufite, nta kindi tureba kitari manu.” (Kubara 11:4-6). Uko ni ko bagaragaje uburyo batishimiye ibyokurya bahawe n’Umuremyi wabo. Nyamara, bari bafite igihamya cy’uko ibyo byokurya bihuje n’ibyo bakeneye; kuko nubwo bari barakoze imirimo ibavuna cyane, nta n’umwe mu miryango yabo yose wari ufite intege nke. {AA 257.2}

Mose yahagaritse umutima. Yari yarasabye ko Abisiraheli batarimburwa nubwo abamukomokaho bashoboraga guhinduka ishyanga rikomeye. Kubera ko yabakundaga, yari yarasabye ko izina rye rihanagurwa mu gitabo cy’ubugingo aho kugira ngo barimbuke. Yari yarahaze byose ku bwabo ariko none dore uko bari bitwaye. Imiruho yabo n’imibabaro bibwiraga ko bazahura nayo byose ni we babigeretseho, bityo kwivovota kwabo kubi kwatumye umutwaro n’inshingano byo kubitaho yari afite birushaho kumuremerera. Ndetse mu gahinda ke yagize ikigeragezo cyo kutiringira Imana. Gusenga kwe kwendaga kumera nko kwitotomba. Yarasenze ati: “Ni iki gituma ugirira nabi umugaragu wawe? Ni iki kimbujije kukugiriraho umugisha, ukanyikoreza aba bantu bose ho umutwaro? . . . Nakura he inyama zo kugaburira ubu bwoko bwose, ko bandirira imbere bati: ‘Duhe inyama tuzirye?’ Sinabasha guheka ubu bwoko bwose jyenyine, kuko buremereye simbushobore.” Kubara 11:11-15.

{AA 257.3}

Uwiteka yumvise gusenga kwe maze ahita amubwira guhamagaza abagabo mirongo irindwi bo mu bakuru b’Abisiraheli. Ntibari abagabo basheshe akanguhe gusa, ahubwo barangwaga n’ubunyangamugayo, batekereza neza kandi b’inararibonye. Uhoraho yaravuze ati: “Nteraniriza abagabo mirongo irindwi bo mu bakuru b’Abisirayeli, abo uzi ko ari abakuru b’abantu koko n’abatware babo, ubazane ku ihema ry’ibonaniro, bahagararaneho nawe. Nanjye ndi bumanuke mvuganireyo nawe, nende ku Mwuka ukuriho, mubashyireho; na bo bazajya bahekana nawe uwo mutwaro w’abantu, we kuwuheka wenyine.” Kubara 11:16-17. {AA 257.4}

Uhoraho yemereye Mose kwihitiramo abagabo b'abizerwa kandi b'ingirakamaro bo gufatanya nawe inshingano. Ubushobozi bwabo bwari gufasha mu kuburizamo urugomo rw'abantu no guhagarika kurwanya ubutegetsi; nyamara kandi hari ibibi bikomeye byagombaga gukomoka ku gushyirwaho kwabo. Ntibaba barahiswemo iyo Mose atagaragaza kwizera kubw'ibihamya yari yarabonye byerekeye ububasha bw'Imana no kugira neza kwayo. Ariko yari yarakuririje imitwaro ye ubwe n'imirimo ye, asa n'uwibagiwe ko we yari igikoresho Imana yakoreshaga. Nta rwitwazo na ruto yari afite rwo gushyigikira umwuka wo kwivovota wari umuvumo ku Bisiraheli. Iyo aba yarishingikirije ku Mana byuzuye, Uhoraho yajyaga guhora amuyobora kandi akamuha imbaraga zo guhangana n'ikintu cyose cy'ikubagahu. {AA 258.1}

Mose yabwiwe gutega abantu kubw'icyo Imana yari igiye kubakorera. "Mwiyereze umunsi w'ejo, kandi muzarya inyama: kuko muririye ku matwi y'Uwiteka mukavuga muti, 'Ni nde uzaduha inyama zo kurya? Ko twari tumerewe neza mu Egiputa.' Ni cyo gitumye Uwiteka azabaha inyama mukazirya. Ntimuzazirya umunsi umwe, cyangwa ibiri, cyangwa itanu cyangwa icumi, cyangwa makumyabiri; ahubwo muzazirya ukwezi kose, mugeze aho zizabatungukira mu mazuru zikababihira: kuko mwanze Uwiteka uri muri mwe, mukamuririra imbere muti: 'Twaviriye iki mu Egiputa?'" Kubara 11:18-20. {AA 258.2}

Mose yaramusubije ati: "Dore turi abantu ibihumbi magana atandatu, none ngo uzatugaburira inyama ukwezi kose! Nubwo twabaga amatungo yacu yose ntabwo yaduhaza, ndetse nubwo twaroba amafi yose yo mu nyanja na yo nta bwo yaduhaza!" {AA 258.3}

Mose yacyashwe kubera uko kutizera kwe. Uhoraho yaramubwiye ati: "Mbese amaboko y'Uwiteka abaye magufi? None urareba yuko ijambo ryanjye rigusohorera, cyangwa ritagusohorera." {AA 258.4}

Mose yasubiriyemo iteraniro ry'Abisiraheli amagambo y'Uhoraho kandi atangaza ishyirwaho ry'abakuru mirongo irindwi. Inshingano nkuru uwo muyobozi yari afite kuri abo bakuru bari batoranyijwe yari ikwiye kuba urugero rw'ubunyangamugayo mu butabera bw'abacamanza n'abategetsi bo muri iki gihe. "Muburanirwe imanza za bene wanyu, mujye muca imanza zitabera iz'umuntu na mwene wabo, cyangwa iz'umuntu n'umunyamahanga umusuhukiyeho. Nimuca imanza, ntimukite ku cyubahiro cy'umuntu; aboroheje n'abakomeye mujye mubahwanya; ntimugatinye amaso y'abantu, kuko Imana ari yo ibacisha urubanza." Gutegeka kwa Kabiri 1:16,17. {AA 258.5}

Mose yahamagaje ba bakuru mirongo irindwi baza ku ihema ry'ibonaniro. "Uwiteka amanukira muri cya gicu, avugana na we, yenda ku Mwuka umuriho, amushyira kuri abo bakuru, uko an mirongo irindwi: nuko Umwuka abaguyeho barahanura, bagarukiriza aho." Nk'abigishwa ba Yesu ku munsi wa Pantekote, na bo bahawe

“imbaraga iturutse mu ijuru.” Byanejeje Uhoraho kubategurira umurimo wabo no kubahera icyubahiro imbere y’inteko y’abantu kugira ngo babagirire icyizere nk’abantu batoranyijwe n’Imana kugira ngo bafatanye na Mose kuyobora Abisiraheli. {AA 258.6}

Nanone hongeye gutangwa igihamya kigaragaza umwuka utangaje kandi wo kutikanyiza warangaga uwo muyobozi ukomeye. Babiri muri abo bakuru mirongo irindwi bumvaga bacishije bugufi badakwiriye guhabwa uwo mwanya ujyana n’inshingano ikomeye, ntibari basanze bagenzi babo ku ihema ry’ibonaniro. Ariko Mwuka w’Imana yabajeho abasanga aho bari bari, maze nabo barahanura. Yosuwa amenyeshejwe ibyo, yifuje kugenzura ibyo atinya ko bishobora gutera amacakubiri. Kubera ishyaka yari afitiye icyubahiro cya shebuja, Yosuwa yaravuze ati: “Databuja Mose, babuze.” Mose yaramusubije uti: “Ni jye urwaniye ishyaka? Icyampa ab’ubwoko bw’Uwiteka bose bakaba abahanuzi, Uwiteka akabashyiraho Umwuka we!” Kubara 11:28,29. {AA 259.1}

Umuyaga mwinshi waturukaga ku nyanja wahereyeko uzana inturumbutsi nyinshi, “Uzigusha aho babambye amahema n’impande zose, zigeza aho umuntu yagenda urugendo rw’umunsi umwe, ikirundo cyazo kireshya n’intambwe enye z’intoke.” (Kubara 11:31). Uwo munsi wose n’ijoro ryose n’umunsi ukurikiyeho, abantu bakoze umurimo wo gutoragura ibyokurya bari bahawe mu buryo butangaje. Babitse byinshi cyane. “Uwatoraguye nke yatoraguye nka toni imwe.” (Kubara 11:32). Ibyo batari bakeneye gukoresha uwo mwanya babibitse babyumishije, kugira ngo nk’uko bari basezeranijwe, ibyari byatanzwe bimare ukwezi.

{AA 259.2}

Imana yahaye abantu ibitari byiza cyane kuri bo bitewe n’uko bari bashimikiriye kubyifuza. Ntibari kunyurwa n’ibyari kubagirira akamaro. Ibyifuzo byabo byuzuye ubwigomeke byarasubijwe, ariko bagezweho n’ingaruka yabyo. Barariye ntibiramira, maze kurenza urugero kwabo bahita babihanirwa. “...uburakari bw’Uwiteka bukongerezwa abantu, abatera mugiga ikomeye cyane.” Abantu benshi bishwe no kugira umuriro mwinshi mu mubiri, naho abari bakabije icyaha kurusha abandi bahereyeko bicwa bakirya ku byokurya bari bifuje. {AA 259.3}

I Hazeroti, aho baganditse bavuye i Tabera, Mose yongeye kuhageragerezwa birushijeho. Aroni na Miriyamu bari bafite umwanya w’icyubahiro kandi ari abayobozi mu Bisiraheli. Bombi bari bafite impano y’ubuhanuzi, kandi bari barafatanyije na Mose gukiza Abaheburayo bayobowe n’Imana. Umuhanuzi Mika yaravuze ati: “Nakuzamuye nkuvana mu gihugu cya Egiputa, ndskurokora ngukura mu nzu y’uburetwa; nohereza Mose na Aroni na Miriyamu imbere yawe.” Ubutwari bwo mu mico ya Miriamu bwari bwaragaragaye mbere igihe ubwo yari umwana muto yabaye iruhande rw’uruzi rwa Nili hafi y’agatebo Mose yari ahishwemo igihe yari uruhinja. Imana yari yarakoresheje

kwitegeka kwe n’ubushishozi bwe mu kurinda uwajyaga kurokora ubwoko bwayo. Kubera ko yari yarahawe impano zo guhimba ibisigo no kuririmba, Miriyamu yari yarayoboye abagore b’Abisiraheli mu ndirimbo no mu mbyino ku nkengero z’Inyanja Itukura. Uburyo abantu bamukundaga n’icyubahiro yari yarahawe n’Imana, yari uwa kabiri kuri Mose na Aroni. Ariko cya kibi cyateje amacakubiri bwa mbere mu ijuru cyatutumbye mu mutima w’uyu mugore wo mu Bisiraheli maze ntiyabura umushyigikira mu kutanyurwa kwe. {AA 259.4}

Igihe abakuru mirongo irindwi bashyirwagaho, Miriyamu na Aroni ntibagishijwe inama, maze bagirira Mose ishyari. Igihe Yetiro yasuraga Abisiraheli ubwo bari mu rugendo berekeje kuri Sinayi, kuba Mose yarahise yemera inama agiriwe na sebukwe byari byarateye Aroni na Miriyamu ubwoba bw’uko yari afite ijambo kuri Mose kubarusha. Mu gushyirwaho kw’inama igizwe n’abakuru mirongo irindwi Aroni na Miriyamu bumvise ko umwanya wabo n’ubutware bwabo byasuzuguwe Ntabwo bari barasobanukiwe uburemere bw’inshingano Mose yari afite; nyamara kubera ko bari baratoranyijwe kugira ngo bamufashe, biyumvaga ko banganya umutwaaro afite w’ubuyobozi, maze bafata ko gushyirwaho kw’abandi bafasha bitari ngombwa. {AA 260.1}

Mose yumvaga akamaro k’umurimo ukemeye yari yarahawe kuruta uko undi muntu wese yabyumvaga. Yamenye intege nke ze maze agira Imana umujyanama we. Aroni yiyumvagamo ko ari umuntu wo hejuru cyane, kandi yiringiraga Imana buhoro. Yari yaratsinzwe ubwo yahabwaga inshingano, maze agaragaza intege nke za kamere ye igihe yemeranyaga n’abantu kwifatanya mu bibi ubwo basengaga ikigirwamana kuri Sinayi. Ariko Miriyamu na Aroni kubera guhumishwa n’ishyari n’inyota y’ubutegetsi, bibagiwe ibyo. Aroni yari yarahawe n’Imana icyubahiro gikomeye ubwo umuryango we wahabwaga umurimo wera w’ubutambyi. Nyamara hajuru y’ibyo yongeyeho icyifuzo cyo gushaka kwikuza. Baravuze bati: “Ni ukuri Uwiteka avugira mu kanwa ka Mose musa? Twe ntatuvugiramo?” Kubera kwibwira ko Imana yabahaye ikuzo kimwe, bumvaga ko bari ku mwanya umwe ndetse bahuje ubutware. {AA 260.2}

Kubera kwemera gutwarwa n’umwuka wo kutanyurwa, Miriyamu yabonye impamvu yo kwitotombera by’umwihariko ibikorwa Imana yari yariyoboreye. Miriyamu ntiyigeze ashimishwa n’umugore Mose yashatse. Kubona Mose yarahisemo umugore ukomoka mu bundi bwoko aho gushaka umugore mu Baheburayo, byari igitutsi ku muryango wabo no ku bwoko bwabo. Zipora ntiyari akunzwe. {AA 260.3}

Nubwo yitwaga “Umunyetiyopiyakazi,” (Kubara 12:1), umugore wa Mose yakomokaga i Midiyani, bityo yari uwo mu rubyaro rwa Aburahamu. Ku isura ye yari atandukanye n’Ababaheburayo kuko umubiri we wajyaga kwiraburaho gato. Nubwo atari Umwisirayelikazi, Zipora yasengaga Imana nyakuri. Yagiraga isoni, akiyoroshya,

akagira urugwiro kandi yashengurwaga no kubona umuntu ufite umubabaro. Iyo mpamvu ni yo yatumye ubwo Mose yari agiye mu Misiri, amubwira gusubira i Midiyani. Yifuzaga ko atazababazwa no kubona ibihano byari kugera ku Banyamisiri. {AA 260.4}

Ubwo Zipora yari asanze umugabo we mu butayu, yabonye yuko inshingano afite zamumaragamo intege, maze abimenyesha Yetiro watanze inama y'uburyo yamuruhura. Iyo ni yo yabaye intandaro ikomeye yatumye Miriyamu yanga Zipora. Kubera kubabazwa no kwibwira ko we na Aroni basuzuguwe, yafataga ko umugore wa Mose ari we ntandaro yabyo. Yafashe umwanzuro ko ijambo Zipora afite kuri Mose ari ryo ryamubujije kubagisha inama nk'uko yari asanzwe abikora. Iyo Aroni ashikama mu kuri, aba yarakomye icyo cyaha imbere; ariko aho kugira ngo yereke Miriyamu ko imyifatire ye ari mibi, yifatanyije nawe, atega amatwi amagambo ye yo kwivovota n'uko bafatanya kugira ishyari. {AA 260.5}

Mose yihanganiye ibyo bamuvugagaho aricecekera atitotomba. Ubunararibonye Mose yari yarakuye mu myaka myinshi y'umuruho no gutegerereza i Midiyani (yahakuye umwuka wo kwicisha bugufi no kwihangana), ni bwo bwamuteguriye guhangana no kutizera no kwivovota kw'Abisiraheli ndetse n'ubwibone n'ishyari by'abagombaga kumubera abafasha beza afite kwihangana. Mose yari "umugwaneza warusha abantu bose bariho icyo gihe," kandi iyo ni yo mpamvu yahawe ubwenge n'amabwiriza bivuye ku Mana kurusha abandi bose. Ibyanditswe biravuga biti: "Abicisha bugufi azabayobora mu byo gukiranuka, abicisha bugufi azabigisha inzira ze." (Zaburi 25:9). Abicisha bugufi bayoborwa n'Uhoraho kubera ko bemera kwigishwa no kugirwa inama. Baba bafite icyifuzo kivuye ku mutima cyo kumenya no gukora ibyo Imana ishaka. Isezerano Umukiza yatanze ni iri ngo: "Umuntu nashaka gukora ibyo Ikunda, azamenye ibyo nigisha ko byavuye ku Mana." (Yohana 7:17). Kandi Umukiza avugira mu ntumwa Yakobo agira ati: "Ariko niba hariho umuntu muri mwe ubuze ubwenge, abusabe Imana, iha abantu bose itimana, itishama, kandi azabuhabwa." (Yakobo 1:5). Ariko isezerano rye ni iry'abantu bafite ubushake bwo gukurikira Imana badakebakeba. Imana ntihata ubushake bw'umuntu uwo ari we wese; bityo rero ntishobora kuyobora abantu bibona badashobora kwigishwa, bashaka kwikurikirira inzira yabo bwite. Umuntu w'imitima ibiri; - ushaka gukurikiza ubushake bwe kandi avuga ko akora ibyo Imana ishaka — Ibyanditswe bimuvugaho aya magambo ngo: "Umeze atyo ye kwibwira ko azagira icyo ahabwa n'Umwami Imana." Yakobo 1:7. {AA 261.1}

Imana yari yaratoranyije Mose kandi yari yaramushyizeho Mwuka wayo. Ku bwo kwitotomba kwabo, Miriyamu na Aroni ntibakoze icyaha cyo guhemuka ku muyobozi wabo gusa, ahubwo no ku Mana ubwayo. Abo bitotombaga barahamagawe ngo baze ku ihema ry'ibonaniro, bahagararane na Mose. "Uwiteka amanukira mu nkingi y'igicu, ahagarara mu muryango w'Ihema ryera, ahamagara Aroni na Miriyamu, bombi baraza." Ntabwo kuba bari bafite impano y'ubuhanuzi byirengagijwe; Imana yajyaga ivuganira

nabo mu iyerekwa no mu nzozi. Ariko Mose we, uwo Imana ubwayo yari yaravuzeho ko ‘ari umwizerwa mu nzu yayo yose,’ yari yarahawe uburyo bwo kuvugana n’Imana begeranye. Mose we yavuganaga n’Imana n’akanwa ke. Uhoraho yarababajije ati: ” Ni iki cyabatinyuye kunegura umugaragu wanjye Mose? Bikongereza uburakari bw’Uwiteka, aragenda.” Igicu cyari mu ihema cyaragiye mu rwego rwo kwerekana ko bitanejeje Imana, maze Miriyamu arahanwa. “Miriyamu asesa ibibembe, byera nk’urubura.” Aroni we nta cyo yabaye, ariko Imana yaramucyashye bikomeye ibinyujije mu gihano cya Miriyamu. Ubwo noneho, ubwibone bwabo bucishijwe bugufi mu mukungugu, Aroni yatura icyaha cyabo anasaba ko mushiki we atarimburwa n’icyo cyago cyari giteye ubwoba. Kubera gusenga kwa Mose ibyo bibembe byarakize ariko Miriyamu yagombaga kuba inyuma y’inkambi akahamara iminsi irindwi. Ikimenyetso cy’uko ubwiza bw’Imana buri ku ihema ry’ibonaniro nticyongeye kuboneka kugeza igihe Miriyamu yari yirukanwe mu nkambi. Kubera umwanya w’icyubahiro yari afite ndetse no kubabazwa n’igihano yari yahawe, abantu bose bagumye i Hazeroti, bategereje ko agaruka. {AA 261.2}

Ubwo buryo Uwiteka yagaragaje kutanezerwa kwe byari bigamije kubera Abisiraheli bose umuburo, gukoma imbere umwuka watutumbaga wo kutanyurwa no kutumvira ubuyobozi. Iyo ishyari no kutanyurwa bya Miriyamu bidacyahwa ku mugaragaro, byari kubyara ikibi gikomeye. Ishyari ni kimwe mu mico ikomeye iranga Satani ishobora kuba mu mutima w’umuntu, kandi ni imwe mu ngeso igira ingaruka mbi cyane. Umunyabwenge aravuga ati: “Uburakari butera urugomo, kandi umujinya umeze nk’isuri; ariko ni nde washobora kwihanganira ishyari?” (Imigani 27:4). Ishyari ni ryo ryabanje kuzana amacakubiri mu ijuru, kandi kuriha icyicaro byazanye ibibi bitavugwa mu bantu. “Aho amakimbirane n’intonganya biri, ni ho no kuvurungana kuri no gukora ibibi byose.” Yakobo 3:16. {AA 262.1}

Kuvuga ibibi by’abandi no kwigira abacamanza b’ibyo bakora n’impamvu zabyo, ntabwo bifatwa ko ikintu cyoroheje. “Bene Data, ntimugasebanye. Usebya mwene Se, cyangwa agacira mwene Se urubanza, aba asebya amategeko, kandi ni yo aba aciriye urubanza. Ariko nucira amategeko urubanza, ntuba uyashohoje, ahubwo uba ubaye umucamanza.” (Yakobo 4:11). Hariho umucamanza umwe — “uzatangaza ibyari byahishwe mu mwijima, kandi akagaragaza n’imigambi yo mu mutima.” (1Abakorinto 4:5). Umuntu wese wiha inshingano yo gucira imanza no guciraho iteka bagenzi be, aba yambura Umuremyi ububasha bwe yihariye wenyine. {AA 262.2}

Bibiliya itwigisha mu buryo bwihariye kwirinda kugira ibirego, uko byaba byoroheje kose, turega abantu Imana yahamagaye kugira ngo bayihagararire. Igihe intumwa Petero ivuga iby’itsinda ry’abanyabyaha babaye akahebwe aravuga ati: “Ariko cyane cyane abagenda bakurikiza kamere, bamazwe no kurarikira ibyonona, bagasuzugura gutegekwa. Ni abantu bahangara ntacyo batinya; ni ibyigenge, ntibatinya no gutuka

abanyacyubahiro; nyamara abamarayika, nubwo barusha abo bantu imbaraga n'ubushobozi, ntibahangara kurega abo banyacyubahiro ku Mwami Imana, babatuka." (2 Petero 2:10,11). N'intumwa Pawulo mu mabwiriza yahaye abari bashinzwe itorero yaravuze ati: "Ntukemere ikirego ku mukuru, hatariho abagabo babiri cyangwa batatu." 1Timoteyo 5:19. Iyahaye abantu inshingano ikomeye yo kuyobora no kwigisha abantu bayo, izabaza abantu uburyo bagirira abagaragu bayo. Tugomba kubaha abo Imana yahaye icyubahiro. Igihano Miriyamu yahawe gikwiriye gucyaha abantu bose bagirira ishyari kandi bakitotombera abo Imana yahaye umutwaro wo gukora umurimo wayo. {AA 262.3}

IGICE CYA 34 - ABATASI CUMI NA BABIRI

Hashize iminsi cumi n'umwe bavuye ku musozi wa Horebu, Abaheburayo baganditse i Kadeshi, mu butayu bw'i Parani, hafi y'inkengero z'Igihugu cy'Isezerano. Aho ni ho abantu batangiye igitekerezo cy'uko hakwiriye koherezwa abatasi bakajya gutata icyo gihugu. Mose azana icyo gitekerezo imbere y'Uwiteka, maze Uwiteka arabibemerera, abaha n'amabwiriza y'uko hatoranywa umutware umwe muri buri muryango wo kujyana n'abandi gutata. Batoranya abagabo nk'uko bari babibwiwe, maze Mose abategeka kujya kureba icyo gihugu uko kimeze, ibyiza bikirimo ; ndetse n'abantu bagituyemo, ko ari abanyambaraga cyangwa abanyantegenke, ko ari benshi cyangwa bake. Bagombaga kureba n'imiterere y'ubutaka bwaho, uko burumbuka kandi bakazana zimwe mu mbuto zaho. {AA 263.1}

Baragiye batata icyo gihugu cyose, binjirira ku rugabano rw'amajyepfo maze bakomeza berekeza mu majyaruguru. Bagarutse nyuma y'iminsi mirongo ine. Abisiraheli bose bari basabwe n'ibyiringiro bikomeye kandi bari bategerezanyije amatsiko menshi. Inkuru y'uko ba batasi bagarutse yakwirakwiye mu miryango kandi yakiranwa umunezero. Abantu basohotse bihuta bajya gusanganira izo ntumwa zari zashoboye kurokoka ibyago byajyaga kuzigeraho muri urwo rugendo. Abo batasi bazanye ingero z'amatunda zerekana uburumbuke bw'ubutaka bwaho. Cyari igihe cy'umwero w'inzabibu maze bazana ishami rihunze amaseri y'imizabibu rinini cyane ku buryo ryari rihetswe n'abagabo babiri. Bazanye no ku makomamanga no ku mbuto z'imitini byaheraga cyane. {AA 263.2}

Abantu bashimishijwe n’uko bagiye kwigarurira igihugu cyiza bene ako kageni, maze batega amatwi bafite amatsiko cyane kugira ngo hatagira ijambo na rimwe ribacika igihe Mose yabwirwaga ibyaho. Ba batasi baratangiye bati: “Twageze mu gihugu wadutumyemo, ni ukuri koko ni icy’amata n’ubuki; ngizi imbuto zacyo.” Abantu bari bafite ishyushyu; bajyaga kumvira ijwi ry’Uwiteka babikunze maze bagahita bazamuka bakigarurira icyo gihugu batazuyaje. Ariko abatasi bamaze kuvuga ubwiza n’uburumbuke bw’icyo gihugu, bose uretse babiri gusa, bakuririje ingorane n’akaga byari kuba biri imbere y’Abisiraheli iyo biyemeza kwigarurira Kanani. Bavuze amoko y’abantu b’abanyambaraga bari batuye mu mpande zitandukanye z’icyo gihugu, kandi bavuga ko imijyi yaho igoteshejwe inkuta kandi ikomeye, kandi ko abantu bahatuye ari abanyambaraga ndetse ko kubatsinda bidashoboka. Bavuze kandi ko bahabonye abagabo b’ibihanda bakomoka kuri Anaki, kandi ko ntacyo bimaze gutekereza ibyo kwigarurira icyo gihugu. {AA 263.3}

Noneho ibintu byarahindutse. Igihe ba batasi bavugaga ibyari mu mitima yabo itizera yari yuzuye gucika intege babitewe na Satani, ibyiringiro n’ubutwari byavuyeho bisimburwa no kwiheba gukomeye. Kutizera kwabo kwatumye abantu bijima, bityo ubushobozi bukomeye bw’Imana bwagiye kenshi bugaragarizwa ubwoko bwatoranyijwe, bwari bwibagiranye. Abantu ntibibutse, ntibatekereje ko Imana yari yarabayoboye muri urwo rugendo rurerure rutyo yashoboraga kubaha icyo gihugu nta kabuza. Ntabwo bibutse uko, mu buryo bw’igitangaza, Imana yari yarabakijije ababakoreshaga uburetwa, ibacira inzira mu nyanja, kandi irimbura ingabo za Farawo zari zibakurikiye. Birengagije Imana, maze bakora nk’aho bagomba kwishingikiriza ku mbaraga z’amaboko yabo gusa. {AA 263.4}

Mu kutizera kwabo, bumvise ubushobozi bw’Imana bufite aho bugarukira, maze ntibiringira ukuboko kwari kwarabayoboye kugeza icyo gihe. Bongeye gukora ikosa bari barakoze ryo kwitotombera Mose na Aroni. Baravuze bati: “Aho ni ho ibyiringiro byacu bikomeye bigarukiye.” “Iki ni cyo gihugu twakoze urugendo tuva mu Misiri tuje kwigarurira.” Bashinje abayobozi babo kuba barabeshye abantu kandi ko bateje Abisiraheli ibyago. {AA 264.1}

Abantu bakutse umutima muri uko gucika intege n’ubwihebe. Humvikanye amajwi y’umuborogo avanze no kwitotomba. Kalebu yumvise uko bimeze maze ahagararira ijambo ry’Imana ashize amanga, akora uko ashoboye kose kugira ngo avuguruze umwuka mubi wari utejwe na bagenzi be batari abizerwa. Mu kanya gato, abantu baracecetse kugira ngo batege amatwi amagambo y’ibyiringiro n’ubutwari yerekeye iby’icyo gihugu cyiza. Ntiyahakanye ibyari byavuzwe; inkike z’imijyi yaho zari ndende kandi Abanyakanani bari abanyambaraga. Ariko Imana yari yarasezeraniye Abisiraheli kubaha icyo gihugu. Kalebu yaravuze ati: “Tuzamuke nonaha, tuhahindure, kuko tubasha rwose kuhatsinda.” {AA 264.2}

Ariko ba bandi cumi, baramurogoye berekana inzitizi mu buryo bubi kuruta uko bari babivuze mbere. Baravuze bati: “Ntitwabasha kuzamuka ngo turwanye abo bantu, kuko baturusha amaboko.. ..Kandi twabonyemo abantu barebare banini; Abanaki, bakomotse mu bantu barebare banini: twibonaga tubamezeho nk’inzige, na bo bakabona tumeze nka zo.” Kubara 13:31-33. {AA 264.3}

Abo bagabo, bamaze gutafa icyerekezo kibi, barinangiye bahagurukira kurwanya Kalehu na Yosuwa, na Mose n’Imana. Intambwe yose bateraga yatumaga barushaho kwinangira. Bari biyemeje guca intege imbagara zose zigambirira kwigarurira Kanani. Bagoretse ukuri kugira ngo bashyigikire umwuka mubi bari bateje. Baravuze bati: “Ni igihugu cy’umwiryane..” Iyo ntiyari inkuru mbi gusa; ahubwo cyari n’ikinyoma. Ubwayo yarivuguruzaga. Abatasi bari bavuze ko icyo gihugu kirumbuka kandi ko ari cyiza, ko kirimo abantu barebare kandi banini. Ibyo byose ntibyajyaga gushoboka iyo ikirere cyaho kiba ari kibi kugeza ubwo kivugwa ko ari “icy’umwiryane.” Ariko iyo abantu barunduriye imitima yabo mu kutizera, bishyira aho bagengwa na Satani kandi nta muntu ubasha kumenya aho Satani azabageza. {AA 264.4}

“Iteraniro ryose ritera hejuru, rirataka; abantu ijoro ryose bararira.” Kwigomeka no kwanga abategetsi ku mugaragaro byahereye ko bikurikiraho; kuko Satani ari we wari uyoboye kandi abantu basaga n’abatagitekereza. Batutse Mose na Aroni, bibagirwa ko Imana yumva amagambo yabo mabi, kandi ko Marayika w’Imana ari kumwe na bo akingirijwe n’inkingi y’igicu, areba uburyo bisihinga cyane ku bw’umujinya. Mu burakari bwinshi barasakuje bati : “Uwiteka atujyanira iki muri icyo gihugu kugira ngo tuhicirwe n’inkota? Abagore bacu n’abana bacu bazabe iminyago; ikiruta si uko twasubira mu Egiputa? Baravugana bati: ‘Twishyirireho umugaba dusubire mu Egiputa.” Ubwo ntibashinje Mose gusa kuba yarabashutse abasezeranira igihugu batashoboraga kwigarurira ahubwo ibyo babishinjaga n’Imana ubwayo. Bageze n’aho bagambirira kwishyiriraho umugaba wo kubayobora bagasubira mu gihugu bagiriyemo umubabaro kandi bagakoreshwa uburetwa, aho bari barakuwe n’ukuboko gukomeye kw’Ishoborabyose. {AA 264.5}

Bumiwe kandi bacitse intege « Mose na Aroni bikubita hasi bubamye imbere y’iteraniro ry’Abisirayeli ryose ryari riteraniye aho, » bayobewe icyo bakora kugira ngo bakure mu bantu uwo mugambi uhutiyeho utewe n’amarangamutima. Kalebu na Yosuwa bagerageje gucubya izo mpagarara. Bashishimuye imyenda yabo bihutira kwisuka mu bantu maze amajwi yabo yumvikana arangurura gusumba urusaku rw’umuborogo n’umubabaro utewe no kwigomeka. Barababwiye bati : “Igihugu twaciyemo tugitata ni cyiza cyane. Niba Uwiteka atwishimira, azatujyana muri icyo gihugu, akiduhe; kandi ari igihugu cy’amata n’ubuki. Icyakora ntimugomere Uwiteka, kandi ntimutinye bene icyo gihugu, tuzabarya nk’imitsima, ntibagifite ikibakingira kandi Uwiteka ari mu ruhande rwacu ; ntimubatinye.” {AA 265.1}

Abanyakanani bari barujuje igikombe cyo gukiranirwa kwabo, bityo Uhoraho ntiyari akibashije kubihanganira. Ubwo Imana yajyaga kubakuraho uburinzi bwayo, bari gutsindwa mu buryo bworoshye. Kubw'isezerano ry'Imana, icyo gihugu cyari cyarahawe Abisiraheli. Ariko inkuru y'ikinyoma y'abatasi batari abizerwa yaremewe, kandi kubera iyo nkuru, iteraniro ryose ryarayobejwe. Abagambanyi bari bakoze umurimo wabo. Kandi kubera kutizera kwabo kubi, n'iyo abo bagabo babiri bonyine bazana inkuru mbi maze abandi cumi bakabatera umwete wo kwigarurira icyo gihugu mu izina ry'Uwiteka, bajyaga gukurikiza inama y'abo babiri bakayirutisha iy'abandi cumi. Nyamara hari hariho abagabo babiri bahagarariye ukuri mu gihe abandi cumi bari bari ku ruhande rw'ubwigomeke. {AA 265.2}

Ba batasi batizera basakuzaga cyane barwanya Yosuwa na Kalebu, ndetse batera hejuru ngo Kalebu na Yosuwa baterwe amabuye. Iyo nteko y'abantu bataye ubwenge yatoraguye amabuye yo kwicisha abo bagabo babiri b'indahemuka. Baje biruka basakuza nk'abasazi, maze ako kanya amabuye bari bafite abahubuka mu ntoke agwa hasi, maze bahinda umushyitsi bafite ubwoba. Imana yari ihitambitse kugira ngo iburizemo uwo mugambi wabo w'ubwicanyi. Ikuzo ryayo, risa n'umuriro ugurumana, ryamurikiye ihema ry'ibonaniro. Abantu bose babonye ikimenyetso cy'Uhoraho cyari gikomeye kuruta uko yari yarabihishuriye maze ntihagira uhangara gukomeza urugomo. Abatasi bazanye inkuru y'incamugongo bikubise hasi badagadwa maze bajya mu mahema yabo bahagira. {AA 265.3}

Ubwo Mose arahaguruka yinjira mu ihema ry'ibonaniro. Uwiteka aramubwira ati: "Ndabateza mugiga, mbakureho umwandu wabo, nkugire ubwoko bubaruta ubwinshi, bubarusha amaboko." Ariko na none Mose yingingira abantu be. Ntabwo yashoboraga kwemera ko barimbuka ngo ahindurwe ishyanga rikomeye. Yatakambiye Imana mu mbabazi zayo ati: "None imbaraga z'Umwami wanjye ziyerekane ko ari nyinshi, nk'uko wavuze uti: 'Uwiteka atinda kurakara, afite kugira neza kwinshi, ababarira gukiranirwa n'ibicumuro,...Babarira gukiranirwa k'ubu bwoko, nk'uko imbabazi zawe ari nyinshi , nk'uko wabubabariraga, uhereye igihe baviriye mu Egiputa, ukageza ubu." {AA 265.4}

Uwiteka asezerana kutarimbura Abisiraheli uwo mwanya; ariko ku bwo kutizera kwabo n'ubwoba bwabo ntiyabashaga kugaragaza imbaraga ze mu gutsinda abanzi babo. Bityo kubw'imbabazi ze, yababwiye gusubira inyuma bakerekeza ku Nyanja Itukura. {AA 266.1}

Igihe abantu bigomekaga barasakuje bati: "Iyaba twaraguye muri ubu butayu!" Noneho iri sengesho ryagombaga gusubizwa. Uhoraho yaravuze ati: "Ndahiye guhoraho kwanjye yuko ntazabura kubagirira ibyo mwavugiye mu matwi yanjye. Intumbi zanyu zizagwa muri ubu butayu: ababazwe mwese, abamaze imyaka makumyabiri n'abayisagije mwese, ...Ariko abana banyu bato, mwavuze ko bazaba iminyago, abo ni

bo nzakijyanamo, bamenye igihugu mwanze.” Maze Imana ivuga ibya Kalebu iti: “Keretse umugaragu wanjye Kalebu, kuko yari afite undi mutima agakurikira uko muyobora muri byose, nzamujyana mu gihugu yagiyemo, urubyaro rwe ruzakigira gakondo.” Nk’uko abatasi bagenze iminsi mirongo ine, ni ko Abisiraheli bagombaga kuzerera mu butayu imyaka mirongo ine. {AA 266.2}

Igihe Mose yamenyeshaga abantu icyemezo n’Imana yafashe, urusaku rwabo rw’indengakamere rwahindutse umuborogo. Bamenye ko igihano cyabo cyari kibakwiriye. Abatasi cumi batiringiraga, Imana yarabahanye bicirwa na mugiga imbere y’Abisiraheli bose; maze abantu babibonye nabo babibonamo urubategereje. {AA 266.3}

Ubwo noneho basaga n’aho bihannye inyifato yabo mbi by’ukuri; ariko batewe agahinda n’ingaruka y’ibibi byabo aho kugaterwa no kuba barabaye indashima ndetse no kutumvira kwabo. Babonye ko Uhoraho atadohoye ku mwanzuro yari yafashe, gukora ibyo bishakiye byongeye kubyuka maze bavuga yuko batongera gusubira mu butayu. Igihe Imana yabategekaga kuva mu gihugu cy’abanzi babo, yagerageje kwicisha bugufi kwabo isanga atari uk’ukuri. Bari bazi ko bakoze icyaha gikomeye ubwo bemereraga amarangamutima yabo yuzuye ubuhubutsi kubategeka ndetse n’igihe bashakaga kwica abatasi babiri babasabaga kumvira Imana. Ariko bari batewe ubwoba gusa no kubona ko bakoze ikosa rikomeye cyane, kandi ingaruka zaryo zari kubabera mbi cyane. Imitima yabo ntiyari yarahindutse, ahubwo bashakaga gusa urwitwazo rwabateye kongera kwigomeka muri ubwo buryo. Ibyo byabayeho igihe ubwo Mose abibwiwe n’Imana yabategekaga gusubira mu butayu. {AA 266.4}

Iteka ryari riciwe rivuga ko Abisiraheli batagomba kwinjira muri Kanani imyaka mirongo ine itarashira rwari urucantege rukomeye kuri Mose na Aroni, Kalebu na Yosuwa; ariko bemeye icyemezo cy’Imana batitotombye. Ariko abari baragiye bivovotera ibyo Imana ibakorera kandi bakavuga ko ibyiza ari uko bakwisubirira mu Misiri, bararize ndetse baraboroga cyane ubwo babonaga batswe imigisha bari basuzuguye. Bari bitotombeye ubusa, none Imana yari ibahaye impamvu yo kuboroga. Iyo barizwa n’icyaha cyabo igihe cyabashyirwaga imbere nta cyo bahishwe, icyo gihano bahawe ntikiba cyarabayeho; ariko barijijwe n’iteka baciriweho. Agahinda kabo ntikari ako kwihana kandi ntikashoboraga gutuma iteka baciriweho rihindurwa. {AA 266.5}

Iryo joro ryabaye iry’amaganya, ariko bukeye ibyiringiro biragaruka. Biyemeje gusibanganya ubugwari bwabo. Igihe Imana yababwiraga kuzamuka ngo bigarurire icyo gihugu bari baranze; kandi na none ubwo yari ibahaye amabwiriza yo gusubira inyurna na bwo barigometse. Biyemeje kwigarurira icyo gihugu bakagihundura; bityo Imana ikemera igikorwa cyabo maze igahindura umugambi yari ibafitiye.

{AA 267.1}

Imana yari yabahaye amahirwe n’inshingano byo kwinjira muri icyo ghugu igihe yari yateganyije, ariko ku bwo kwirengagiza kwabo babyihitiyemo, ubwo burenganzira bari bahawe barabwatswe. Satani yari yarageze ku mugambi we ababuza kwinjira i Kanani; none yabateraga gukora icyo Imana yari yababujije, kandi bari baranze kugikora ubwo Imana yabibasabaga. Uko ni ko umushukanyi mukuru yageze ku nsinzi akoresheje kubatera kwigomeka ubwa kabiri. Ntibari bariringiye ubushobozi bw’Imana bwo gukorana nabo mu kwigarurira Kanani; ariko noneho bishingikirizaga ku mbaraga zabo bwite kugira ngo barangize uwo murimo badafashijwe n’Imana. Baratatse bati: “Twacumuye ku Uwiteka, turazamuka turwane, dukore ibyo Uwiteka Imana yacu yadutegetse byose.” (Gutegeka kwa Kabiri 1:41). Uko ni ko kubwo kwigomeka bari babaye impumyi cyane! Uwiteka ntiyari yabategetse “kuzamuka ngo barwane.” Umugambi w’Imana ntiwari uw’uko bigarurira icyo gihugu binyuze mu ntambara, ahubwo uw’uko bacyigarurira kubwo kumvira amategeko yayo byuzuye. {AA 267.2}

Nubwo imitima yabo itari yarahindutse, abantu bari baragejejwe aho babasha kwatura ibyaha byabo ndetse n’ubupfapfa bwo kwigomeka kwabo ubwo bumvaga inkuru izanywe n’abatasi. Noneho babonye agaciro k’umugisha bari baranze babihubukiye. Baratuye bavuga ko kutizera kwabo ari ko kwababujije kwinjira muri Kanani. Bazirikanye ko ari bo bafite ikosa atari Imana bashinjaga ko yananiwe kubasohoreza isezerano ryayo, maze baravuga bati: “Twakoze icyaha.” Nubwo kwicuza kwabo kutavuye ku kwihana nyakuri, kwerekanye ubutabera bw’Imana mu byo ibagirira. {AA 267.3}

Uhoraho aracyakora mu buryo nk’ubwo ahesha izina rye ikuzo kandi abinyuza mu nzira yo kumenyesha abantu ubutabera bwe. Igihe abantu bavuga ko bakunda Imana bivovotera ubuntu bwayo, bagasuzugura amasezerano yayo, bakemera gushukwa, bakifatanya n’abamarayika babi kurwanya imigambi y’Imana, kenshi Imana igira icyo ikora muri ibyo kugira ngo igeze abo bantu aho bazemera icyaha cyabo kandi bakamenya ububi bw’imigirire yabo ndetse bakamenya n’ineza y’Imana mu byo ibagirira nubwo bataba bafite kwihana nyakuri. Uko ni ko Imana ikoresha abarwanya umurimo wayo kugira ngo igaragaze imirimo y’umwijima. Kandi nubwo umwuka uba wateye gukora ibibi uba utahindutse rwose, habaho kwatura kugaragaza ikuzo ry’Imana kandi kandi kugaragaza ukuri kw’abakozi bayo batemerwa kandi bavugwa uko batari. Uko ni ko bizaba igihe umujinya w’Imana uzasukwa ku iherezo. “Dore, Nyagasani azanye n’intore ze ibihumbi n’ibihumbi, aje gucira abantu bose urubanza no gushinja abatubaha Imana bose, ibyoo bakoze byo kuyisuzugura n’ibitutsi abanyabyaha bayitutse!” Yuda 14, 15. Buri munyabyaha wese azabona kandi asobanukirwe ubutabera buranga iteka aciriweho. {AA 267.4}

Batitaye ku rubanza rw’Imana, Abisiraheli biteguye kujya kwigarurira Kanani. Bambariye urugamba bafata intwaro, mu mitekerereze yabo, bari biteguye rwose kurwana; ariko ntibari bashyitse rwose mu maso y’Imana n’abagaragu bayo bari bababaye cyane. Imyaka hafi mirongo ine igiye kurangira Uhoraho yategetse Abisiraheli kuzamuka bakigarurira Yeriko kandi yabasezeraniye ko azajyana nabo. Isanduku yarimo amategeko y’Imana yashyizwe imbere y’ingabo zabo. Abayobozi Imana yishyiriyeho bagombaga kuyobora ibyo bakora byose bashorewe n’Imana. Mu kuyoborwa muri ubwo buryo, nta kaga bajyaga guhura nako. Ariko noneho ubu, banyuranyije n’itegeko ry’Imana ndetse n’uko abayobozi babo bari bababujije bikomeye, baragiye bajya gusanganira ingabo z’abanzi babo nta sanduku y’isezerano bitwaje ndetse na Mose atari kumwe nabo. {AA 267.5}

Impanda yo kubahagurutsa yaravuze maze Mose yihutira kubakurikira ababurira muri aya magambo ati: “Mucumurira iki itegeko ry’Uwiteka? Icyo mukora ntikiri bugende neza. Ntimuzamuke, kuko Uwiteka atari hagati muri mwe, mutaneshwa n’ababisha banyu. Muri busangeyo Abamaleki n’Abanyakanani mwicwe n’inkota.” {AA 268.1}

Abanyakanani bari barumvise imbaraga zitangaje zarindaga ubwo bwoko kandi bari barumvise n’ibitangaza bikomeye bwari bwarakorewe, maze bahuruza ingabo zikomeye zo kwirukana ababateye. Izo ngabo zari ziteye ntizari zifite umugaba. Nta sengesho ryasenzwe kugira ngo Imana ihabe kunesha. Bahagurukanye umugambi w’ubwihebe wo guhindura ibyari byabavuzweho cyangwa bakagwa ku rugamba. Nubwo batari barigishijwe iby’intambara, bari imbaga y’abantu benshi bafite intwaro biringiye ko barasakiza abanzi babo bakabanesha. Ku bwo kwiyogeza byatumye basembura abanzi babo batari baratinyutse kubatera. {AA 268.2}

Abanyakanani bari bahagaze ku kanunga kariho ibitare kagerwagaho n’abantu banyuze mu nzira iruhije. Umubare munini w’Abisiraheli washoboraga gutsinda abo banzi bikomeye. Bazamutse utuyira two kuri uwo musozi buhoro buhoro. Bari aho bagerwaho n’amabuye abanzi babo bari hejuru yabo bashoboraga kubatera. Amabuye manini yamanukaga avuza ubuhuha, maze aho anyuze agahitana uwo ahuye nayo. Ababashije kugera mu mpinga babaga bananijwe n’urugendo rwo kuzamuka. Basubizwaga inyuma bagatsimburwa bishwemo benshi. Aho basibaniye hari hanyanyagiye imirambo. Ingabo z’Abisiraheli zatsinze uruhenu. Kurimbuka n’urupfu ni byo byabaye ingaruka y’icyo gikorwa cy’ubwigomeke. {AA 268.3}

Amaherezo bageze aho barambika intwaro, maze abarokotse “baragarutse, baririra imbere y’Uwiteka; ariko we ntiyabitaho ngo abategе amatwi.” (Gutegeka kwa kabiri 1:45). Kubw’uko gutsinda kwabo gukomeye, abanzi b’Abisiraheli bari barategereje izo ngabo zikomeye bahinda umushitsi, bahawe ubutwari bwo kubarwanya. Ibyo bari barumvise byose byerekeye ibitangaza Imana yari yarakoreye ubwoko bwayo, noneho

babifashe nk’ibinyoma, maze bumva ko nta mpamvu yajyaga kuhatera ubwoba. Kubwo gutera Abanyakanani ubutwari no gushikama, uko kuneshwa kwa mbere kw’Abisiraheli kongeye ingorane nyinshi mu kwigarurira Kanani. Nta cyo Abisiraheli bari basigaje uretse guhungira abanzi babo bakomeye mu butayu, aho bari bazi yuko ab’icyo gisekuru bose bazapfira. {AA 268.4}

IGICE CYA 35 - KWIGOMEKA KWA KORA

Ibihano byahawe Abisiraheli byakoze umurimo wo gucubya kwitotomba no kutumvira kwabo mu gihe gito, ariko umwuka wo kwigomeka wari ukiri mu mutima kandi weraga imbuto mbi cyane. Kwigomeka kwa mbere kwari umuvurungano wa rubanda wari uturutse ku mbaga y’abantu bagenderaga ku marangamutima bahutiyeho; ariko noneho ubugambanyi bwateguwe neza bwari bwakozwe. Umugambi wabwo wari uwo gukuraho ubutegetsi bw’abayobozi bashyizweho n’Imana ubwayo. {AA 269.1}

Kora, wari uyoboye ibyo, yari Umulewi wo mu muryango wa Kohati kandi akaba mubyara wa Mose. Yari umugabo ushoboye kandi w’ikirangirire. Nubwo yari afite umurimo wo gukora mu ihema ry’ibonaniro, ntiyanyuzwe n’umwanya yari afite ahubwo yashakaga icyubahiro cyo kuba umutambyi. Kuba Aroni n’ab’inzu ye bari barahawe umurimo w’ubutambyi, byari byarateje Kora ishyari no kutanyurwa, kandi yamaze igihe runaka arwanya rwihishwa ubutegetsi bwa Mose na Aroni, nubwo atari yarigeze agerageza kwigomeka ku mugaragaro. Amaherezo yagize umugambi mubi wo gukuraho ubutegetsi busanzwe ndetse n’ubw’idini. Ntiyabuze abamushyigikira. Hafi y’amahema ya Kora n’abakomoka kuri Kohati, mu ruhande rwerekeye amajyepfo rw’ihema ry’ibonaniro, hari habambye amahema y’abo mu muryango wa Rubeni, amahema ya Datani na Abiramu. Abo bombi bari abatware b’uwo muryango wari utuye hafi y’uwa Kora. Abo batware bombi bahise bifatanya na Kora mu mugambi we mubi. Kubera ko bakomokaga ku mwana mukuru wa Yakobo, bavugaga ko ubtegetsi bwa gisiviri ari ubwabo, kandi biyemeza kugabana na Kora icyubahiro cy’ubutambyi. {AA 269.2}

Abantu bumvaga bashyigikiye imigambi ya Kora. Kubera agahinda batewe no kubura ibyo bari biteze, gushidikanya, ishyari, n’urwanga bahoranye byaragarutse, maze na none barongera bitotombera umuyobozi wabo wihanganaga. Abisiraheli bakomezaga

kugenda bibagirwa ko bayobowe n’Imana. Bibagiwe ko Umumarayika wasezeranywe yari umuyobozi wabo utagaragara, kandi ko ubwiza bwa Kristo bwabagendaga imbere bukingirijwe n’inkingi y’igicu, kandi ko Kristo ari we Mose yakuragaho amahwiriza yose yatangaga. {AA 269.3}

Ntabwo bashakaga kumvira iteka rikomeye ryari ryaciwe rivuga ko bose bagomba gupfira mu butayu, bityo bari biteguye gushingira ku rwitwazo rwose bakizera ko Imana atari yo ibayoboye ko ahubwo ari Mose ndetse ko ari we wabaciriyeho iteka ryo kurimbuka. Umuhati w’umuntu w’umugwaneza kurusha abandi ku isi ntiwashoboraga guhagarikwa no kutumvira kw’abo bantu; kandi nubwo ibimenyetso by’uko Imana itanejejwe no kwinangira bari baragize byari bikiri imbere yabo bigaragarira mu ngabo zabo zari zacitsemo icyuho, ntacyo ibyo byabigishije. Bongeye gutsindwa n’ikigeragezo.

{AA 269.4}

Imibereho ya Mose, umushumba wicishaga bugufi, yari yarabaye myiza cyane ndetse iramunezeza kurusha uko yari amerewe ubwo yari ayoboye iyo mbaga nini y’abantu b’abanyarugomo. Nyamara Mose ntuyahangaye gukora amahitamo ye. Mu mwanya w’inkoni y’abashumba, Mose yahawe inkoni y’ubushobozi atagombaga kurambika hasi kugeza igihe Imana izamuruhurira. {AA 269.5}

Usoma ibihishwe mu mitima yose yari yabonye imigambi ya Kora n’abambari be, kandi yari yahaye ubwoko bwe umuburo n’amabwiriza byajyaga kubafasha guhunga amoshya y’abo bantu bari bafite imigambi mibi. Bari barabonye iteka ry’Imana Miriyamu yaciriweho kubera ishyari rye no kwitotombera Mose. Uhoraho yari yaravuze ko Mose asumba umuhanuzi. Yaravuze ati: “Uwo we tujya twivuganira n’akanwa kacu.” Yongeyeho ati: “Nuko ni iki cyabatinyuye kunegura umugaragu wanjye Mose?” (Kubara 12:8). Ayo mabwiriza ntiyari ahawe Miriyamu na Aroni gusa, ahubwo bari Abisiraheli bose. {AA 270.1}

Kora na bagenzi be b’abagambanyi bari baragize amahirwe yo kubona kwigaragaza kw’imbaraga z’Imana mu buryo budasanzwe kandi bukomeye. Bari mu mubare w’abazamukanye na Mose ku musozi bakabona ikuzo ry’Imana. Ariko kuva icyo gihe hari harabayeho impinduka. Igishuko, cyari gito mu itangira, cyagiye gihishwa kigenda kigira imbaraga uko cyashyigikirwaga, kugeza ubwo ubwenge bwabo bwasigaye bugengwa na Satani, maze biyemea agukora umurimo wuje urwango. Kubera gushaka kwerekana ko baharanira gutunganirwa kw’abantu, babanje kongorerana kutanyurwa kwabo hanyuma babyongorera n’abayobozi b’Abisiraheli. Uburyarya bwabo bwakiriwe vuba ku buryo batahagarariye aho maze amaherezo bagera aho biyizera ubwabo ko bakoreshwa n’ishyaka ry’Imana. {AA 270.2}

Bashoboye kuyobya ibyegera magana abiri na mirongo itanu, abantu b'ibirangirire mu iteraniro ryose. Kubera gushyigikirwa n'abo bantu b'ibirangirire, bumvise bafite icyizere cy'uko bazakora impinduka zikomeye mu buyobozi kandi barushaho kunoza imitegekere ya Mose na Aroni. {AA 270.3}

Ishyari ryabyaye igomwa, kandi igomwa naryo rivamo kwigomeka. Bari baraganiriye ku burenganzira bwa Mose kuba afite ubutware n'icyubahiro bikomeye bityo, kugeza ubwo bageze aho bamufata ko afite umwanya wo kwifuzwa, buri wese muri bo yashoboraga gukora. Baribeshye kandi bashukana batekereza ko Mose na Aroni ubwabo bihaye imyanya y'ubuyobozi bari bafite. Abo batari banyuzwe bavugaga ko Mose na Aroni bishyize hejuru y'iteraniro ry'Uhoraho, biha inshingano z'ubutambyi n'ubutegetsi busanzwe, ariko ko inzu yabo itari yarahawe ikuzo kurusha izindi zose mu Bisiraheli. Abigometse bavugaga ko Mose na Aroni atari intungane kurusha rubanda, kandi ko byari bihagije yuko baba ku rugero rumwe na bene wabo bari barahawe amahirwe amwe yo kurindwa no kubana n'Imana nkabo.

{AA 270.4}

Umurimo wakurikiyeho w'abo bagambanyi wafashe na rubanda. Ku bantu bari mu ikosa kandi bakwiriye gucyahwa, nta cyiza nko kubona ubashyigikira akandi akabashima. Kora na bagenzi be bashyigikiwe na rubanda rusigaye. Bavuze ko ikirego kivuga yuko kwitotomba kw'abantu ari ko kwabazaniye umujinya w'Imana ari ikinyoma. Bavuze yuko inteko y'abantu nta gicumuro yari ifite, kubera ko nta kindi basabaga kirenze uburenganzira bwabo; ariko ko Mose yari umutegetsi utegekesha igitugu; ko yari yaracyashye abantu abita abanyabyaha kandi ari intungane ndetse ko Uhoraho ari hagati muri bo. {AA 270.5}

Kora yasubiriyemo abantu amateka y'uburyo bagenze mu butayu, aho banyujijwe ahantu henshi h'impatanwa, kandi abantu benshi bakaba bararimbutse kubera kwitotomba no kutumvira kwabo. Abumvaga Kora bibwiye yuko basobanukiwe neza ko ingorane zabo zitajyaga kubaho iyo Mose abanyuza mu yindi nzira. Bemeje ko ibyago byose bahuye nabyo byatewe na we kandi ko kutinjira muri Kanani kwabo byari ingaruka y'imiyoborere mibi ya Mose na Aroni; ndetse ko iyo Kora ababera umuyobozi akabashishikariza kwishingikiriza ku bikorwa byabo byiza aho gucyaha ibyaha byabo, bajyaga kuzagira urugendo ruhire; kandi aho kuzerera mu butayu bajyaga kuromboreza bakajya mu Gihugu cy'Isezerano. {AA 271.1}

Muri uyu murimo wuzuyemo urwango, habayemo ubumwe bukomeye no kumvikana mu bantu batumvikanaga muri iyo mbaga kuruta uko byari byarabayeho mbere. Kora abonye abantu bamwumva byamwongereye icyizere kandi bituma arushaho kwizera ko kuba Mose yarihaye ubuyobozi bizateza akaga umudendezo w'Abisiraheli niba bidahagaritswe. Yavuze kandi ko Imana yabimuhishuriye kandi ko yamwemereye

gukora impinduka mu butegetsi igihe kitararenga. Nyamara abantu benshi ntibari biteguye kwemera ibirego Kora yaregaga Mose. Bibutse imirimo ye yo kwitanga no kwihangana, maze babura uko babigenza. Byari ngombwa rero ko atanga impamvu yo kwikunda kubw'uko guhangayikira Abisiraheli kwe; kandi ikirego cya kera cyongera kuvugwa ko yabakuriye mu Misiri kurimbukira mu butayu kugira ngo atware ibintu byabo. {AA 271.2}

Uwo murimo wakomeje gukorwa rwihishwa mu gihe runaka. Nyamara, ubwo umbanyi bwari bumaze kugwiza imbaraga ku buryo byajyaga gucika ku mugaragaro, Kora yagaragaye ayoboye agatsiko maze ashinja Mose na Aroni ku mugaragaro ko bihaye ubutegetsi Kora na bagenzi be bari bashoboye nabo gukora mu buryo bungana. Mose na Aroni bongeye gushinjwa kandi ko abantu bambuwe umudendezo n'ubwigenge byabo. Abo bigomeke baravuze bati: "Ibyo mukora birahagije, kuko abo mu iteraniro bose ari abera, umuntu wese wo muri bo, Uwiteka akaba hagati muri bo: nuko ni iki gituma mwishyira hejuru y'iteraniro ry'Uwiteka?" {AA 271.3}

Mose ntiyakekaga ko habaho ubugambanyi nk'ubwo bukomeye, maze ubwo bwamugwiriraga, yikubise hasi yubamye asabira Imana mu mutima. Yahagurutse afite agahinda ariko atuje kandi akomeye. Yari yarayobowe n'Imana. Yaravuze ati: "Ejo mu gitondo Uwiteka azerekana abe abo ari bo, n'uwera uwo ari we, amwiyigize hafi: uwo azatoranya ni we aziyigiza hafi." Ishungura ryagombaga gukorwa mu gitondo cy'umunsi ukurikiyeho kugira ngo abantu bose babashe kubona igihe cyo gutekereza. Noneho abashakaga kuba abatambyi bagombaga kuza umuntu wese azanye icyotero cye, maze bakoserezaho imibavu ku ihema ry'ihema ry'ibonaniro imbere ya rubanda rwose. Itegeko ryari risobanutse neza cyane rivuga ko abatoranyirijwe umurimo wera gusa ari bo bagomba gukorera mu buturo bwera. Ndetse na Nadabu na Abihu bari abatambyi, bari bararimbuwe bazize guhangara gukoresha "umuriro udakwiriye" birengagije itegeko ry'Imana. Nyamara Mose yiyemeje guhangana n'abamuregaga, bona n'iyo bahangara kujurira ikibi nk'icyo baregera Imana.

{AA 271.4}

Yerekeje kuri Kora na bagenzi be b'Abalewi maze Mose aravuga ati: "Mbese mwarabisuzuguye yuko Imana y'Abisirayeli yabarobanuriye mu iteraniro ry'Abisirayeli kubiyegereza hafi, ngo mukore imirimo yo mu buturo bw'Uwiteka, muhagarare imbere y'iteraniro mubakorere; nawe Kora ikakwiyigizanya hafi na bene wanyu Abalewi bose? None murashaka n'ubutambyi? Icyo ni cyo gitumye wowe n'abo mufatanyije mwese muteranira kugomera Uwiteka: Aroni ni iki, ko mumwitotombera?" {AA 271.5}

Datani na Abiramu bari batarihandagaza ngo bavuge nka Kora; maze Mose wiringiraga ko bashobora kuba binjijwe muri ubwo bugambanyi ariko batabwirunduriyemo burundu, arabahamagaza ngo baze imbere ye kugira ngo yumve ibirego bamurega.

Ariko ntibaje maze mu gasuzuguro kabo banga kuzirikana no kwemera ubutegetsi bwe. Igusubizo batanze iteraniro ryose ryumva cyabaye iki ngo: “Ntabwo twitaba; aho uragira ngo biroroshye kudukura mu gihugu cy’amata n’ubuki ukatwicira mu butayu, kandi ugakubitaho no kwigira umutware wacu? Kandi ntutujyanye mu gihugu cy’amata n’ubuki, ntuduhaye gakondo y’imirima n’inzabibu. Mbese urashaka kumena amaso y’aba bantu? Ntituri bwitabe.” {AA 272.1}

Uko ni ko imvugo Uhoraho we yari yarakoresheje avuga iby’iby’igihugu cy’isezerano bayikoreshe ku byaranze imibereho yo gukorera agahato bavuyemo. Bashinje Mose ko abeshya ko akora ayobowe n’Imana, akabigira urwitwazo ashingiraho ubutegetsi bwe; maze bavuga yuko batazongera kwemera kuyoborwa nk’impumyi, ngo none ngo twerekeze i Kanani, kandi nanone twerekeze mu butayu, nk’uko imigambi ya Mose yo kwishyira hejuru imeze. Uko ni ko uwari yarabaye umubyeyi w’umunyampuhwe, umwungeri wihangana, yagaragajwe nk’ufite imico mibi y’umunyagitugu kandi wihaye ubutegetsi atabikwiriye. Kubuzwa kugera i Kanani ni we babihererejeho kandi cyari igihano cy’ibyaha byabo. {AA 272.2}

Byagaragaraga ko imitima ya rubanda rwose yerekeye ku ruhande rw’abigometse; ariko nta muhati Mose yakoresheje ngo yiregure. Yatakambiye Imana ari imbere y’iryo teraniro, nk’igihamya cyo kubonera kuranga imigambi ye ndetse no gutungana kw’imyitwarire ye, kandi atakira Imana ngo imubere umucamanza. {AA 272.3}

Bukeye, abatware magana abiri na mirongo itanu bayobowe na Kora, baje bitwaje ibyotero byabo. Binjijwe mu rugo rw’ihema ry’ibonaniro naho rubanda ruteranira hanze y’urugo, bategerereza aho ngo baze kureba ingaruka. Ntabwo Mose ari we wateranyije abantu ngo barebe gutsindwa kwa Kora na bagenzi be, ahubwo abigometse, mu kwibeshya kwabo kuzuye ubuhumyi, ni bo bari bahamaye abantu kugira ngo baze barebe gutsinda kwabo. Umugabane munini w’iyo nteko wari ushyigikiye Kora ku mugaragaro, wari ufite ibyiringiro byo gutsinda Aroni. {AA 272.4}

Ubwo bari bateraniye imbere y’Imana batyo, “ubwiza bw’Uwiteka bwabonekeye iteraniro ryose.” Mose na Aroni bahawe umuburo uturutse ku Mana uvuga ngo: “Nimwitandukanyirize n’iri teraniro kugira ngo ndirimbure mu kanya gato.” Ariko Mose na Aroni bikubita hasi bubamye barasenga bati: “Mana, Mana y’imyuka y’abafite umubiri bose, umuntu umwe nakora icyaha, mbese urarakarira iteraniro ryose?” {AA 272.5}

Kora yari yavuye aho iyo nteko yari iri asanga Datani na Abiramu ubwo Mose, aherekejwe n’abakuru mirongo irindwi, bamanukaga, bakajya kuburira ubuheruka abo bagabo bari banze kumusanga. Ya mbaga y’abantu yarabakurikiye, kandi mbere y’uko atanga ubwobutumwa bw’imbuzi, Mose ayobowe n’Imana yabwiye abantu ati: “Nimuve ku mahema y’aba banyabyaha, ntimugire ikintu cyabo mukoraho, kugira ngo igihano

bahanirwa ibyaha byabo byose kitabarimburana na bo.” Uwo muburo warumviwe kubera ko abantu bose bumvaga yuko iteka ryari rigiye gucibwa. Abigomeke bakuru babonye ko abo bari bashutse babataye, ariko kwinangira kwabo ntikwacogora. Bahagararanye n’imiryango yabo imbere y’amahema yabo basa n’abasuzuguye imiburo y’Imana. {AA 272.6}

Ubwo ni bwo Mose yabwiye abantu mu izina ry’Imana ya Isiraheli ati: “Iki ni cyo kiri bubamenyeshe yuko Uwiteka yantumye gukora imirimo nkora yose, kandi yuko ntagize icyo nkora ku bwanjye. Aba bantu nibapfa urupfu rwa bose, nibaba icyo abandi bantu bose baba, Uwiteka ari bube atantumye. Ariko, Uwiteka nakora ikintu cy’inzaduka, ubutaka bukasama, bukabamirana n’ababo n’ibyabo byose, bakarigita ikuzimu bakiri bazima, muri bumenye yuko aba bantu basuzuguye Uwiteka.” {AA 273.1}

Abisiraheli bose bari bahnze Mose amaso bahagaze, bafite ubwoba bategereje ikiri bube. Akimara kuvuga, ubutaka bwari bukomeye burasama maze abigometse bagwa muri urwo rwobo ari bazima, n’ibyabo byose, maze “bararimbuka bakurwa mu iteraniro.” Abantu barahunga, biciriye urubanza nk’abagize uruhare muri icyo cyaha. {AA 273.2}

Ariko urubanza ntirwari rurangiye. Umuriro umanuka muri cya gicu ukongora ba bakuru magana abiri na mirongo itanu boseje imibavu. Abo bagabo ntibarimburanwe n’abagambanyi bakuru kuko batabaye nyambere mu kwigomeka. Bemerewe kureba amaherezo y’abo bagambanyi bakuru, ndetse no kugira umwanya wo kwihana; ariko bababazwa n’abigometse, maze na bo bararimburwa. {AA 273.3}

Igihe Mose yasabaga Abisiraheli bandi guhunga kurimbuka kwari kugiye kubaho, iteka ry’Imana ryashoboraga guhagarara ubwo iyo Kora n’abambari be bihana bagasaba imbabazi. Ariko kwinangira kwabo kwahamije iherezo ryabo. Iyo nteko yose yari yafatanyije na bo icyaha cyabo, kuko bose bari babashyigikiye ku rugero ruto cyangwa runini. Nyamara Imana mu mbabazi zayo nyinshi yashyize itandukaniro hagati y’abayoboye ubwigomeke n’abo bari bayoboye. Abantu bari bemeye gushukwa ubwabo bahawe umwanya wo kwihana. Hari haratanzwe igihamya gitangaje kibereka ko bari mu makosa, kandi ko Mose afite ukuri. Ikimenyetso kigaragaza ubushobozi bw’Imana cyari cyakuyeho gushidikanya kose. {AA 273.4}

Yesu, Marayika wagendaga imbere y’Abaheburayo yagerageje kubakiza ngo be kurimbuka. Imbabazi zarabingigaga. Urubanza rw’Imana rwari rwabegereye cyane, bingingirwa kwihana. Ukwitambika kudasanzwe kandi kudakumirwa guturutse mu ijuru kwari kwahagaritse ubwigomeke bwabo. Ubwo rero, iyo bemera ubuntu bw’Imana butumye yigaragaza, bajyaga gukira. Ariko nubwo bahunze iteka ryari riciwe babitewe no gutinya kurimbuka, ntabwo ubwigomeke bwabo bwari bukuweho. Iryo joro basubiye mu mahema yabo bafite ubwoba bwinshi ariko batihannye. {AA 273.5}

Kora n’abambari be bahoraga babogeza kugeza ubwo rwose bizeye yuko ari abantu beza cyane, ndetse ko bahemukiwe kandi bafatwa nabi na Mose. Iyo baza kwemera ko Kora n’abambari be bari mu makosa kandi ko Mose afite ukuri, bari kwakira rwose iteka ryari ryaciwe ko bagomba kuzapfira mu butayu bakemera ko ari ijambo ry’Imana. Ntibashakaga kwemera ibyo, bityo bagerageza kwemera ko Mose yari yarabashutse. Bari bashimishijwe cyane n’ibyiringiro bari bafite by’uko gahunda nshya igiye gushyirwaho aho muri yo gushima kwajyaga gusimbura gucyahwa, kandi ubuzima bworoheje bugasimbura guhagarika umutima n’amakimbirane. Abantu bari barimbutse bari baravuze amagambo yo gushimagiza kandi barasezeranye kubitaho cyane no kubakunda, maze abantu bafata umwanzuro ko Kora n’itsinda rye bagomba kuba ari abantu beza, kandi ko Mose mu buryo runaka yatumye barimbuka. {AA 273.6}

Ntibishobokera abantu gutuka Imana igitutsi gikomeye nko gusuzugura no kwanga abo ibasha gukoresha kubw’agakiza k’abantu. Ntabwo Abisiraheli bari barakoze batyo gusa, ahubwo bari baragize n’umugambi wo kwica Mose na Aroni. Nyamara ntibabonye akamaro ko gushaka imbabazi z’Imana kubw’icyaha cyabo kibabaje. Iryo joro bahawe ryo gusabamo imbabazi ryakeye batihanye kandi batatuye icyaha cyabo, ahubwo baraye bashaka icyarwanya ibihamya byerekana yuko ari abanyabyaha ruharwa. Bakomeje kwanga abantu batoranyijwe n’Imana maze bitegura kuryanya ubutware bwabo. Satani yari yiteguye kuyobya intekerezo zabo no kubayobora buhumyi mu irimbukiro. {AA 274.1}

Abisiraheli bose bari bahunze batewe ubwoba no gutaka kw’abanyabyaha bari baciriweho iteka isi ikasama ikabamira, kuko bavuze bati: “Ubutaka butatumira natwe.” “Bukeye bwaho, iteraniro ry’Abisiraheli ryose ryitotombera Mose na Aroni riti: ‘Mwishe abantu b’Uwiteka.’” Kandi bendaga kugirira nabi abayobozi babo bari abizerwa kandi bitanga.

{AA 274.2}

Ubwiza bw’Imana bwabonekeye mu gicu cyari hejuru y’ihema ry’ibonaniro, maze ijwi rivugira muri icyo gicu ribwira Mose na Aroni riti: “Nimuhaguruke muve muri iri teraniro, ndirimbure mu kanya gato.” {AA 274.3}

Mose nta cyaha yari afite, ariko kubw’ibyo ntiyatinye kandi ntiyihutira guhunga ngo asige iteraniro maze ririmbuke. Muri icyo gihe giteye ubwoba, Mose yarazariye, yerekana uko umushumba nyakuri aba yitaye ku mukumbi ashinzwe. Yinginze Imana kugira ngo umujinya wayo we kurimbura ubwoko yatoranyije. Kubw’uko kwinginga kwe, yahagaritse ukuboko kwari kuje guhora kugira ngo Abisiraheli batumviraga kandi bigomekaga batarimburwa bagashira. {AA 274.4}

Ariko intumwa y’umujinya yari yagiye; mugiga yari yatangiye kwica abantu. Akurikije

amabwiriza y’umuvandimwe we, Aroni yafashe icyotero yihutira kujya hagati mu iteraniro kugira ngo abahongerere. “Ahagarara hagati y’intumbi n’abazima.” Maze umwotsi w’umubavu urazamuka, amasengesho ya Mose wasabiraga mu ihema ry’ibonaniro arazamuka ajya ku Mana; maze mugiga irahagarara, ariko imaze kwica Abisiraheli ibihumbi cumi na bine kiba igihamya cy’icyaha cyabo cyo kwitotomba no kwigomeka. {AA 274.5}

Ariko hatanzwe n’ikindi gihamya cyerekana ko ubutambyi bwahawe ab’umuryango wa Aroni. Babibwirijwe n’Imana, buri muryango wateguye inkoni uyandikaho izina ryawo. Izina rya Aroni ryanditswe ku nkoni y’umuryango wa Lewi. Izo nkoni zarambitswe mu ihema ry’ibonaniro imbere y’ibihamya. Inkoni yagombaga kuzana uburabyo byari kuba ikimenyetso Uhoraho atanze cy’uko yahisemo uwo muryango ngo ube uw’abatambyi. “Bukeye bwaho Mose yinjira mu ihema ry’ibihamya, asanga inkoni ya Aroni yatangiwe inzu ya Lewi irabije, ipfunditse uburabyo, isambuye imeze indozi zihishije.” Iyo nkoni Mose yayeretse abantu,kandi nyuma y’aho ishyirwa mu ihema ry’ibonaniro kugira ngo izabere igihamya ab’ibisekuru byari gukurikiraho. Iki gitangaza cyakemuye ikibazo kijyanye n’ubutambyi. {AA 274.6}

Noneho abantu bumvise neza ko Mose na Aroni bavugaga babiherewe ububasha n’Imana, kandi abantu bemera ukuri kwari kubabaje kuvuga ko bagomba kuzapfira mu butayu. Baravuze bati: “Dore, turarimbuka, turapfuye, twese turapfuye.” Bemeye ko bakoze icyaha ubwo bagomeraga abayobozi babo, kandi ko Kora na bagenzi be bahawe igihano gikwiriye cy’Imana. {AA 275.1}

Ku rwego ruto, mu kwigomeka kwa Kora hagaragaramo imikorere ya wa mwuka wateje ubwigomeke bwa Satani mu ijuru. Ubwibone n’inyota y’ubutegetsi ni byo byateye Lisiferi kwivovotera ubutegetsi bw’Imana, no gushaka gukuraho gahunda yari yarashyizwe mu ijuru. Kuva Lusiferi yacumura, umugambi wabaye uwo kwinjiza mu ntekerezo z’abantu uwo mwuka w’igomwa no kutanyurwa, inyota y’ubutegetsi no gushaka icyubahiro. Uko ni ko yakoreye mu ntekerezo za Kora, Datani na Abiramu kugira ngo akangure icyifuzo cyo kwishyira hejuru kandi ateze igomwa, kutiringira n’ubwigomeke. Satani yabateye kwanga Imana nk’umuyobozi wabo babinyijije mu kwanga abantu bashyizweho nayo. Nyamara igihe bivovoteraga Mose na Aroni, batutse Imana. Bari bayobejwe kugera ku rweko rwo gutekereza ko bo ubwabo ari intungane ndetse n’abari bamaganye ibyaha byabo mu buryo butunganye babafata ko bakoreshwa na Satani. {AA 275.2}

Mbese ibibi nk’ibyo byateje kurimbuka kwa Kora ntibikiriho? Ubwibone no kurarikira ubutegetsi byabaye gikwira; kandi igihe ibyo bihawe intebe, bikingurira urugi igomwa no kurwanira ubutware. Umutima utandukana n’Imana ukajyanwa mu ngabo za Satani utabizi. Nk’uko Kora n’abambari be babigenje, abantu benshi ndetse bo mu bavuga ko

ari abayoboke ba Kristo, batekereza, bagacura imigambi ndetse bakora bashishikaye ngo bishyire hejuru ku buryo kugira ngo batume abantu babakunda kandi babashyigikire baba biteguye kugoreka ukuri, guharabika no kuvuga nabi abagaragu b'Uhoraho, ndetse bakabagerekaho imigambi mibi kandi yo kwikunda ikoresha imitima yabo ubwabo. Ku bwo guhora bavuga ibinyoma, amaherezo bageza ubwo bizera ko ari ukuri. Igihe baba bashishikariye gusenya icyizere rubanda rufitiye abantu bashyizweho n'Imana, bizera mu by'ukuri ko bari gukora umurimo mwiza, ko bari gukora umurimo w'Imana. {AA 275.3}

Abaheburayo ntibashakaga kumvira amabwiriza n'amategeko y'Uhoraho. Bahoraga bacyahwa, ariko ntibashake kwakira umuburo. Iryo ni ryo ryari ibanga ryo kwitotombera Mose kwabo. Iyo barekerwa umudendezo kugira ngo bakore ibyo bishakiye, haba harabayeho kwivovotera abayobozi babo buhoro. Mu mateka yose y'itorero abagaragu b'Imana bagiye bahura n'umwuka nk'uwo. {AA 275.4}

Kwizirika ku cyaha ni ko gutera abantu guha Satani icyuho akinjira mu ntekerezo zabo, bityo bakava ku rwego rumwe rw'ibibi bakajya ku rundi. Kwanga umucyo bitera umwijima mu bwenge kandi bikanangira umutima, ku buryo byorohera abantu gutera indi ntambwe mu cyaha ndetse no kwanga umucyo ugaragara cyane, kugeza ubwo amaherezo ingeso zo gukora nabi zihabwa intebe. Icyaha nticyongera kubagaragarira nk'icyaha. Umuntu ubwiriza ijambo ry'Imana nk'uko bikwiriye, akamagana ibyaha byabo, akenshi baramwanga. Kubera ko baba badashaka kwihanganira umubabaro no kwiyanga bikenewe kugira ngo habeho ivugururwa, bahindukirira umugaragu w'Uhoraho maze bakarwanya gucyaha kwe bavuga ko kudakenewe kandi ko gukabije. Nk'uko Kora yabigenje, bavuga ko abantu nta cyaha bafite ko ahubwo uwo muntu ubacyaha ari we uteza akaga kose. Mu guturisha imitima yabo iki kinyoma, abo bene ishyari kandi barwanya umugaragu w'Imana bakomatanya kubiba amacakubiri mu itorero no guca intege amaboko y'abagombaga kuryubaka. {AA 275.5}

Intambwe yose yatewe n'abantu Imana yahamagaye kuyobora umurimo wayo yagiye itera urwikekwe; buri gikorwa cyose cyavuzwe nabi n'abanyeshyari n'abashakisha ibibi ku bandi. Uko ni ko byari bimeze mu gihe cya Luteri n'icya Wesley, n'abandi bagorozi. Ni ko bimeze no muri iki gihe. {AA 276.1}

Ntabwo Kora aba yarakoze ibyo yakoze iyo

amenya ko amabwiriza yose n'imiburo yose byahabwaga Abisiraheli byabaga bivuye ku Mana. Nyamara yagombye kuba yarabimenye. Imana yari yaratanze igihamya gitangaje cyerekana ko ari yo iyoboye Abisiraheli. Ariko Kora n'abambari be banze umucyo kugeza ubwo bahuma cyane ku buryo ukwigaragaza gukomeye kw'imbaraga z'Imana kutari guhagije ngo kubemeze. Uko kwigaragaza kose bagushyize ku muntu cyangwa ku mukozi wa Satani. Ikintu nk'icyo cyakozwe n'abantu ubwo ku munsi

ukurikira irimbuka rya Kora n’abambari be, basanze Mose na Aroni maze barababwira bati: “Mwishe abantu b’Imana.” Nubwo bari barabonye igihamya gikomeye cyane cyerekana uko Imana itanejejwe n’imikorere yabo binyuze mu kirimbuka kw’abantu bari babashutse, bahangaye kwitirira Satani ibihano Imana yari yatanze, bavuga ko binyuze mu mbaraga z’umubi, Mose na Aroni ari bo batumye abantu beza kandi bera bapfa. Bacumuye ku Mwuka Wera, ari cyo cyaha gituma umutima w’umuntu winangira rwose ukarwanya imbaraga y’ubuntu bw’Imana. Kristo yaravuze ati: “Kandi umuntu wese usebya Umwana w’umuntu, azababarirwa; ariko usebya Umwuka Wera ntazababarirwa ...” (Matayo 12:32). Aya magambo yavuzwe n’Umukiza wacu igihe ibikorwa byiza yari yakoreshejwe n’imbaraga y’Imana Abayuda babyitiriraga Belizebubu. Imana ivugana n’umuntu ikoresheje Mwuka Muziranenge; kandi abanga intumwa yayo babyihitiyemo bakavuga ko ari iya Satani, bakuyeho umuyoboro w’itumanaho hagati y’umuntu n’Ijuru. {AA 276.2}

Imana ikora binyuze mu kwigaragaza kwa Mwuka wayo mu gucyaha no kwemeza umunyabyaha. Bityo niba amaherezo umurimo wa Mwuka Muziranenge wanzwe, nta kindi Imana yakorera umuntu. Isoko iheruka y’ubuntu bw’Imana iba yakoreshejwe. Umunyabyaha ubwe aba yitandukanyije n’Imana, kandi icyaha nta muti gifite ngo cyikize ubwacyo. Nta zindi mbaraga ziba zizigamwe Imana yakoresha kugira ngo yemeze kandi ihindure umunyabyaha. Imana irategeka iti: “Nimumureke.” (Hoseya 4:17). Hanyuma “ntihaba hasigaye igitambo cy’ibyaha, keretse gutegerezanya ubwoba gucirwaho iteka, no gutegereza umuriro w’inkazi, uzarya abanzi b’Imana.” Abaheburayo 10:26, 27. {AA 276.3}

IGICE CYA 36 - BAZERERA MU BUTAYU

Abana ba Isiraheli bamaze hafi imyaka mirongo ine ntacyo babona mu mwijima wo mu butayu. Mose aravuga ati: “Uhereye igihe twaviriye i Kadeshi y’i Baruneya, ukageza igihe twambukiye ako kagezi Zeredi ni imyaka mirongo itatu n’umunani: igeza igihe abarwanyi ba cya gihe bose bashiriye mu ngando zacu, uko Uwiteka yari yarabarahiye. Kandi amaboko y’Uwiteka yarwanaga na bo, ngo abarimbure mu ngando zacu, ageze aho bashiriye.” Gutegeka kwa kabiri 2:14,15. {AA 277.1}

Muri iyo myaka yose abantu bahoraga bibutswa ko bariho igihano cy’Imana. Mu kwigomeka kwabereye i Kadeshi, bari baranze Imana, Imana nayo imara igihe yarabaretse. Kubera ko bari baragaragaje ko batakomeje isezerano bagiranye na yo, ntibajyaga guhabwa ikimenyetso cy’iryo sezerano, ari wo muhango wo gukebwa. Icyifuzo bagize cyo gusubira mu gihugu cy’uburetwa cyari cyaragaragaje ko batari bakwiriye umudendezo; kandi Pasika yashyiriweho kuba urwibutso rwo gukurwa mu buretwa, ntiyajyaga kuziririzwa. {AA 277.2}

Nyamara gukomeza imirimo yakorerwaga mu ihema ry’ibonaniro byahamyaga ko Imana itari yararetse ubwoko bwayo burundu, ndetse imbabazi zayo zari zikibaha ibyo babaga bakeneye. Ubwo Mose yibutsaga amateka y’ingendo zabo yaravuze ati: “Kuko Uwiteka Imana yawe iguhera umugisha imirimo yose ikuva mu maboko, ikita ku rugendo rwawe rwo muri ubu butayu bunini, Uwiteka Imana yawe ikabana na we iyi myaka uko ari mirongo ine ntihagire icyo ubura.” (Gutegeka kwa Kabiri 2:7). Ndetse n’indirimbo y’Abalewi yanditswe na Nehemiya igaragaza neza uko Imana yitaga Bisiraheli ndetse no muri iyo myaka yo gucibwa: “Ariko wowe kubw’imbabazi zawe zitari zimwe ntiwabataye mu butayu, inkingi y’igicu yo kubayobora ku manywa ntiyabavaga imbere cyangwa inkingi y’umuriro yo kubamurikira nijoro, ikabereka inzira bakwiriye kunyuramo. Kandi watanze umwuka wawe mwiza wo kubigisha, ntiwabimye manu yawe yo kurya, bagize inyota ubaha amazi. Nuko ubatungira mu butayu imyaka mirongo ine; . . . imyambaro yabo ntiyasazaga, n’ibirenge byabo ntibyabyimbaga.” Nehemiya 9:19 -21. {AA 277.3}

Kuzerera mu butayu ntibyari byategetswe ari igihano gusa ku bigomeke n’abitotombaga, ahubwo byari n’uburyo bwo gutoza urubyiruko ingeso nziza, bategurirwa kwinjira mu Gihugu cy’Isezerano. Mose yarababwiye ati: “Uwiteka Imana yawe iguhanisha ibihano, nk’uko umuntu ahana umwana we.” “kugira ngo igucishe bugufi, ikugerageze, imenye ibyo mu mutima wawe, yuko wakwitondera amategeko yayo, cyangwa utayitondera. Nuko, yagucishije bugufi, ikundira ko wicwa n’inzara, ikugaburira manu wari utazi, na ba sekuruza banyu batigeze kumenya; kugira ngo ikumenyeshe yuko umuntu adatungwa n’umutsima gusa, ahubwo yuko amagambo yose ava mu kanwa k’Uwiteka ari yo amutunga.” Gutegeka kwa Kabiri 8:5,2,3. {AA

277.4}

“Ubwo bwoko yabubonye mu gihugu kidaturwamo, mu butayu butarimo abantu, iwabo w’inyamaswa zihuma; arabugota, arabukuyakuya, aburinda nk’imboni y’ijisho rye.” “Yababaranye nabo mu mibabaro yabo yose, na marayika uhora imbere ye yajyaga abakiza; urukundo rwe n’imbabazi ze ni byo byamuteye kubacungura; yarabateruraga akababaheka iminsi yose ya kera.” Gutegeka kwa kabiri 32:10; Yesaya 63:9. {AA 277.5}

Nyamara ibyavuzwe ku mibereho yabo yo mu butayu ni ingero zigaragaza kwigomeka ku Mana. Kwigomeka kwa Kora kwaviriyemo Abisiraheli ibihumbi cumi na bine urupfu. Kandi n’abandi bantu bake cyane batari bafatanyije, bagaragaje yuko bafite umwuka nk’uwo wo kwanga ubutegetsi bw’Imana. {AA 278.1}

Igihe kimwe umuhungu wavukaga ku mwisirahelikazi n’Umunyamisiri, umwe mu kivange cy’amahanga yari yarazanye n’Abisiraheli bavuye mu Misiri, yavuye aho yari atuye mu nkambi, ajya mu nkambi y’Abisiraheli, avuga ko ashaka kubamba ihema rye mu mahema y’Abisiraheli. Itegeko ry’Imana ryamubuzaga gukora ibyo, rikavuga ko abakomoka ku Munyamisiri bagomba guhezwa mu iteraniro ry’Abisiraheli kugeza ku gisekuru cya gatatu. Havuka impaka hagati ye n’Umwisirayeli, maze urwo rubanza rugeze imbere y’abacamanza, hatsindwa uwo wari wiyenje. {AA 278.2}

Uwo muntu arakajwe n’icyo cyemezo, yavumye umucamanza, maze mu burakari atuka n’izina ry’Imana. Bahise bamushyira Mose. Itegeko ryari ryaratanzwe rivuga riti: “Uvumye se na nyina, ntakabure kwicwa.” (Gutegeka kwa kabiri 21:17); ariko nta tegeko ryari ryarashyizweho rijyana n’iki kibazo cy’urwo rubanza. Icyo cyaha cyari gikomeye cyane ku buryo byabaye ngombwa ko hakenerwa amabwiriza yihariye aturutse ku Mana. Uwo mugabo yarafunzwe kugeza ubwo Imana yababwiye icyo bagomba gukora. Imana ubwayo ni yo yaciye urubanza; maze bakurikije amabwiriza y’Imana uwo muntu wari watutse Imana bamujyana hirya y’inkambi maze bamutera amabuye arapfa. Abari barabonye icyo cyaha gikorwa bamushyize ibiganza ku mutwe, maze bakatura bahamya ukuri kw’ibyo yarezwe. Bityo, babaga aba mbere mu kumutera amabuye, maze abandi bantu bahagaze aho bungamo gushyira mu bikorwa icyo gihano.

{AA 278.3}

Ibyo byakurikiwe no gutangazwa kw’itegeko rirebana n’ibyaha nk’ibyo. Iryo tegeko ni iri: “Kandi ubwire Abisirayeli uti: ‘Uzavuma Imana ye wese azagibwaho n’icyaha cye. Uzatuka izina ry’Uwiteka ntakabure kwicwa; iteraniro ryose ntirikabure kumwicisha amabuye; naho yaba umunyamahanga cyangwa kavukire, natuka izina ry’Uwiteka, azicwe.’” (Abalewi 24:15,16).

{AA 278.4}

Hariho abantu bibaza ku rukundo rw'Imana n'ubutabera bwayo ku byerekeye ibyo bihano bikomeye ihanisha abantu kubw'amagambo yavuzwe bitewe n'uburakari. Nyamara urukundo n'ubutabera bisaba ko hagaragazwa ko amagambo aturutse ku bugome umuntu afitiye Imana ari icyaha gikomeye. Igihano cyahawe abo bantu ba mbere batutse Imana gikwiriye kubera umuburo abandi, bakamenya ko izina ry'Imana rigomba kubahwa. Ariko iyo uwo mugabo adahanirwa icyo cyaha, abandi bajyaga kwiheba; amaherezo ubugingo bwa benshi bukahagwa. {AA 278.5}

Ikivange cy'imbaga y'abanyamahanga bavanye n'Abisiraheli mu Misiri cyakomeje kujya kiba isoko y'ibigeragezo n'akaga. Bavugaga ko baretse gusenga ibigirwamana ndetse ko basenga Imana nyakuri. Ariko uburere n'ibyo bari baratojwe bakiri bato byari byararemye imico n'imyitwarire bityo bari barandujwe no gusenga ibigirwamana no kutubaha Imana. Incuro nyinshi ni bo babyutsaga imyivumbagatanyo kandi bakaba aba mbere mu kwitotomba, bityo bakwije mu nkambi imico yo gusenga ibigirwamana no kwitotombera Imana.

{AA 278.6}

Hashize igihe gito bagarutse mu butayu, habayeho kwica Isabato mu bihe byatumye icyo gikorwa kiba icyaha gikomeye cyane. Itangazo ry'Uhoraho yuko atazaha Abisiraheli umurage wabo, ryari ryarateye umwuka wo kwigomeka. Umwe mu bantu wari ubabajwe n'uko atazinjira i Kanani, kandi wari wiyemeje kwerekana ko asuzugura amategeko y'Imana, yarihandagaje akora icyaha cyo kwica itegeko rya kane maze ajya gusenya inkwi ku Isabato. Iminsi bamaze mu butayu, bari barabujijwe bikomeye gucana umuriro ku Isabato. Iryo tegeko ryo kubuzanya gucana ku Isabato ntiryajyaga gukomeza gukurikizwa no muri Kanani, aho imiterere y'ikirere kenshi yari gutuma umuriro ukenerwa; ariko mu butayu, umuriro ntiwari ukenewe kugira ngo abantu babone ubushyuhe. Igikorwa cy'uwo muntu kwari ukwica itegeko rya kane ku bushake kandi abyihitiyemo. Cyari icyaha kidaturutse ku kuba atabitekerejeho cyangwa ku bujiji, ahubwo cyari icyaha cyo kwihandagaza.

{AA 278.7}

Uwo muntu yafatiwe muri icyo gikorwa maze bamushyira Mose. Byari byaravuzwe mbere hose ko kwica Isabato bihanishwa urupfu, ariko ntibari barabwiwe uko uwishe Isabato agomba kwicwa. Mose ajyana urwo rubanza imbere y'Uwiteka, maze ahabwa aya mabwiriza: "Uwo muntu ntabure kwicwa; iteraniro ryose rimwicishe amabuye inyuma y'aho baganditse." (Kubara 15:35). Icyaha cyo gutuka Imana n'icyo kwica Isabato ku bushake byahanwaga kimwe, kuko byombi kwari ukurwanya ubutegetsi bw'Imana. {AA 279.1}

Muri iki gihe cyacu, hari abantu benshi banga Isabato yashyizweho mu gihe cy'irema bavuga ko ari iy'Abayuda ndetse ko niba igomba kubahirizwa, uyishe akwiriye guhabwa igihano cy'urupfu. Ariko tubona ko gutuka Imana nako byahanwaga kimwe no kwica Isabato. Mbese none twafata umwanzuro ko itegeko rya gatatu naryo rigomba gushyirwa ku ruhande ko naryp rireba Abayuda gusa? Nyamara ibivugwa ku gihano cyo gupfa binarebana n'itegeko rya gatatu, irya gatanu, ndetse hafi y'andi mategeko yose nk'uko biri ku itegeko rya kane. Nubwo ubu Imana itahanira kwica amategeko yayo ikoresheje ibihano by'akanya gato, ijambo ryayo rivuga ko ibihembo by'ibyaha ari urupfu; kandi mu irangizarubanza riheruka, urupfu ni rwo ruzaba umugabane w'abica amategeko yayo yera. {AA 279.2}

Mu gihe cy'imyaka mirongo ine yose mu butayu, uko icyumweru gitashye abantu bibutswaga ukwera kw'Isabato binyuze mu gitangaza cya manu bahabwaga. Nyamara n'ibyo ntibyabateye kumvira. Nubwo batahangaye gukora icyaha bihandagaje nka cya kindi cyari cyahaniwe bikomeye, hariho kudohoka gukomeye mu kubahiriza itegeko rya kane. Imana ivugira mu muhanuzi wayo iti: "Amasabato yanjye barayaziruye cyane;..." (Ezekiyeli 20:13-24). Kandi iyo ni imwe mu mpamvu mu zatumye ab'igisekuru cya mbere cy'Abisiraheli babuzwa kujya mu Gihugu cy'Isezerano. Nyamara abana babo nta somo babyigiyeho. Mu myaka mirongo ine yo kuzerera mu butayu basuzuguraga Isabato bikomeye ku buryo nubwo Imana itababujije kwinjira muri Kanani, yavuze ko nibamara gutura mu Gihugu cy'Isezerano bazatatanyirizwa mu mahanga y'abapagani. {AA 279.3}

Abisiraheli bari baragarutse mu butayu bavuye i Kadeshi; maze igihe cyo kuba mu butayu kirangiye, baraza "Iteraniro ry'Abisirayeli ryose rigera mu butayu bwa Zini mu kwezi kwa mbere, ubwo bwoko buguma i Kadeshi." Kubara 20:1. {AA 279.4}

Aho ni ho Miriyamu yaguye aba ari naho ahambwa. Uhereye ku nkombe z'Inyanja Itukura aho bari banezerewe cyane, ubwo Abisiraheli baririmbaga bakabyina bizihiza kunesha kwa Yehova ukageza ku gituro cyo mu butayu cyasoje imibereho yo kuzerera mu butayu, iryo ni ryo ryabaye iherezo ry'abantu ibihumbi byinshi bari barahagurutse mu Misiri bafite ibyiringiro bikomeye cyane. Icyaha cyari cyarabakuye igikombe cy'umugisha ku minwa. Mbese ababayeho nyuma ntibyababereye akabarore?

{AA 279.5}

"Nubwo ibyo byababayeho, bagumya gucumura ntibizera imirimo yayo itangaza . . . Uko yabicaga, babaririzaga ibyayo, bakagaruka bakazinduka gushaka Imana. Bakibuka yuko Imana ari yo gitare cyabo, kandi yuko Imana Isumbabyose ari umucunguzi wabo." (Zaburi 78:32-35). Nyamara ntibagarukiye Imana bamaramaje. Nubwo igihe babaga bugarijwe n'abanzi babo bayishakaga ngo ibafashe Yo yonyine yashoboraga kubakiza, nyamara "imitima yabo ntiyari iyitunganiye, kandi ntibari abanyamurava mu isezerano

ryayo. Ariko yo, kuko yuzuye imbabazi, ibabarira gukiranirwa kwabo, ntiyabarimbura: kandi kenshi isubiza inyuma uburakari bwayo, . . .Nuko yibuka ko ari abantu buntu, n'umuyaga uhita ntugaruke." Zaburi 78:37-39. {AA 280.1}

IGICE CYA 37 - IGITARE CYAKUBISWE

Amazi y'ubugingo yagaruye intege mu bugingo bw'Abisiraheli mu butayu yavuye bwa mbere mu gitare cyakubiswe cy'i Horebu. Mu izerera ryabo ryose, aho byari ngombwa hose, kubw'igitangaza cy'ubuntu bw'Imana, Abisiraheli bahabwaga amazi. Nyamara ntabwo amazi yakomeje kududubiza ava i Horebu. Ahantu aho ari ho hose mu rugendo rwabo bakeneraga amazi, amazi yaturukaga mu busate bw'ibitare maze agatemba irihande rw'aho babaga babambye amahema. {AA 280.2}

Kubw'imbaraga z'ijambo rye, Kristo ni we watumaga ayo masoko meza atemba kugira ngo Abisiraheli babone amazi. " kuko banywaga ku gitare cy'Umwuka cyabakurikiraga: kandi icyo gitare cyari Kristo." (1 Abakorinto 10:4). Ni we wari isoko y'imigisha yose ari iy'akanya gato cyangwa iy'iby'umwuka. Kristo, Gitare nyakuri, yari kumwe nabo mu ngendo zabo zose. "Kandi ubwo yabajyaga imbere mu butayu, ntibarakicwa n'inyota, yabatembeshereje arnazi ava mu gitare, kandi yashije igitare, amazi aradudubiza" "Atobora igitare, amazi aradudubiza; atemba ahantu humye haba umugezi." Yesaya 48:21, Zaburi 105:41. {AA 281.1}

Igitare cyakubiswe cyashushanyaga Kristo, kandi binyuze muri icyo gishushanyo, higishwa amasomo y'ingenzi cyane mu by'umwuka. Nk'uko amazi meza atanga ubugingo yavaga mu gitare cyakubiswe, ni na ko muri Kristo, "wakubiswe n'Imana", "wacumitiwe ibicumuro byacu, agashenjagurirwa gukiranirwa kwacu, (Yesaya 53:4,5.) havuye isoko y'agakiza k'ubwoko bwazimiye. Nk'uko igitare cyari cyarigeze gukubitwa rimwe, ni na ko "Kristo yajyaga kuzatambwa rimwe, ngo yishyireho ibyaha bya benshi" (Abaheburayo 9:28). Ntabwo Umukiza wacu yagombaga gutambwa ubwa kabiri; kandi ni ngombwa gusa yuko abashaka guhabwa imigisha y'ubuntu bwe, bayisaba mu izina rya Yesu, bagasuka ibyifuzo byo mu mitima yabo babinyujije mu isengesho ryo kwihana. Isengesho nk'iryo rizajyana imbere y'Uwiteka nyiringabo ibikomere bya Yesu, bityo amaraso meza atanga ubugingo adudubize, yagereranywaga no gutemba kw'amazi y'ubugingo ku Bisiraheli. {AA 281.2}

Ubwo Abisiraheli bari bamaze gutura muri Kanani, bajyaga bakora ibirori bizihiza

kududubiza kw’amazi yavuye mu rutare igihe bari bari mu butayu, babikora bafite ibyishimo byinshi. Mu gihe cya Kristo ibyo birori byari byarahindutse umuhango ushimishije cyane. Wabagaho igihe cyo kwizihiza iminsi mukuru y’Ingando, igihe abantu baturutse impande zose bateraniraga i Yerusalemu. Buri munsi wo muri yo minsi irindwi y’ingando, abatambyi basohokaga baririmba bakajyana n’abaririmbyi b’Abalewi bakajya kuvoma amazi mu isoko ya Silowamu bitwaje ibikoresho bikozwe mu izahabu. Bakurikiorwaga n’imbaga y’abantu baje kuramya Imana, maze abantu benshi bashoboraga kwegera iyo soko bakanywa amazi yayo, mu gihe haririmbwaga indirimbo y’ibyishimo byinshi bavuga bati: “Ni cyo gituma muzavoma ibyishimo mu mariba y’agakiza.” (Yesaya 12:3). Bityo, amazi abatambyi bavomaga bayajyanaga mu Ngoro y’Imana impanda zivuga cyane baririmba indirimbo ngo: “Yerusalemu, ibirenge byacu bihagaze mu marembo yawe” (Zaburi 122:2). Ayo mazi yasukwaga ku gicaniro cy’ibitambo byoswa, mu gihe indirimbo zo gusingiza Imana zaririmbwaga urufaya, imbaga y’abantu ikikiriza iyo ndirimbo yo kunesha hacurangwa ikoresho bivuza amajwi ndetse n’impanda. {AA 281.3}

Umukiza yakoresheje uyu muhango kugira ngo ayobore intekerezo z’abantu ku migisha yari abazaniye. “Nuko ku munsi uheruka w’iyo minsi mikuru, ari wo munsi uruta iyindi, Yesu arahagarara avuga cyane ati: ‘Umuntu nagira inyota, aze aho ndi anywe. Unyizera, imigezi y’amazi y’ubugingo izatemba iva mu nda ye, nk’uko Ibyanditswe bivuga.’” Yohana yaravuze ati: “Ibyo yabivuze yerekeje ku Mwuka Wera, uwo abamwizera bendaga guhabwa…” Yohana 7:37-39. Amazi ahembura yadudubije mu kidaturwa akameza ibyatsi mu butayu, agatemba kugira ngo ahe ahembure abendaga gupfa, ni ikimenyetso cy’ubuntu Kristo wenyine ashobora gutanga, kandi bumeze nk’amazi y’ubugingo, yeza, akamara inyota ndetse agasubiza intege mu bugingo. Uwo Kristo abamo, yifitemo isoko idakama y’ubuntu n’imbaraga. Yesu ahembura ubugingo kandi akamurikira inzira y’abantu bose bamushaka babikuye ku mutima. Iyo urukundo rwe rwakiriwe mu mutima, ruzabyara imirimo myiza kugeza ku bugingo buhoraho. Ntabwo urwo rukundo ruhesha umugisha ubugingo ruturukamo gusa, ahubwo isoko idakama izadudubiza mu magambo n’ibikorwa by’ubutungane kugira ngo umuntu amare inyota abayifite bamukikije. {AA 281.4}

Icyitegererezo nk’icyo ni cyo Kristo yakoresheje mu kiganiro yagiranye n’umugore w’Umunyasamariyakazi ku iriba rya Yakobo. Yaravuze ati: “…ariko unywa amazi nzamuha, ntazagira inyota rwose iteka ryose, ahubwo amazi nzamuha azamuhindukiramo isoko y’amazi adudubiza kugeza ku bugingo buhoraho” (Yohana 4:14). Kristo akubiyemo ibyo ishushanyo byombi. Ni we rutare kandi akaba n’amazi y’ubugingo. {AA 282.1}

Ibyo bigereranyo byiza kandi bifite icyo bisobanuye biboneka muri Bibiliya yose. Mu myaka amagana menshi mbere y’ivuka rya Kristo, Mose yamuvuzeho ko ari igitare

cy’agakiza k’Abisiraheli (Gutegeka kwa Kabiri 32:15); umunyezaburi we yamuririmbyeho ko ari “Umucunguzi we,” “igitare cy’imbaraga ze,” “igitare kimusumba,” “igitare cy’ubuturo,” “igitare cy’umutima we,” “igitare cy’ubuhungiro bwe.” Mu ndirimbo ya Dawidi, ubuntu bwa Kristo bugaragazwamo ko ari “amazi adasuma,” atemba hagati y’inzuri zitoshye, kandi ko iruhande rwazo ari ho Umwungeri wo mu ijuru ayobora umukumbi we. Yongera kuvuga ati: “Kandi uzabuhira ku ruzi rw’ibyishimo byawe. Kuko aho ari ho hari isoko y’ubugingo.” (Zaburi 19:14; 62:7; 61:2; 71:3; 73:26; 94:22; 23:2; 36:8,9). Kandi umunyabwenge nawe aravuga ati: “Isoko y’ubwenge ni nk’akagezi gasuma.” (Imigani 18:4). Kuri Yeremiya we, Kristo ni “isoko y’amazi y’ubugingo;” naho kuri Zekariya, Kristo ni “isoko yo koza ibyaha n’imyanda.” Yeremiya 2:13; Zekariya 13:1. {AA 282.2}

Yesaya avuga ko Kristo ari “Rutare ruhoraho iteka ryose,” “igicucu cy’igitare kinini mu gihugu kirushya.” Yesaya 26:4; 32:2. Yesaya avuga kandi isezerano ry’agahozo, akibutsa cyane isoko y’ubugingo yatembye amazi iyaha Abisiraheli muri aya magambo: “Abakene n’abatindi bashaka amazi bakayabura, ururimi rwabo rukagwa umwuma; jyeweho Uwiteka, nzabasubiza; jyeho Imana ya Isirayeli sinzabahana.” “Uwishwe n’inyota nzamusukiraho amazi; nzatembesha imigezi ku butaka bwumye; urubyaro rwawe nzarusukaho Umwuka wanjye, n’abana bawe nzabaha umugisha;” “amazi azadudubiza mu butayu, imigezi izatembera mu kidaturwa.” Hari irarikwa ritangwa: “Yemwe abafite inyota nimuze ku mazi.” (Yesaya 41:17; 44:3; 35:6; 55:1). Kandi no mu mpapuro zisoza Ijambo Ryera harimo iri rarika. Uruzi rw’amazi y’ubugingo, “rubonerana nk’isarabwayi,” rutemba ruva ku ntebe ya cyami y’Imana n’Umwana w’intama; kandi iri rarika ry’ubuntu ryumvikana mu bihe byose rivuga riti: “Ushaka naze ajyane amazi y’ubugingo ku buntu.” Ibyahishuwe 22;17. {AA 282.3}

Mbere gato y’uko Abaheburayo bagera i Kadeshi, ya mazi meza yamaze imyaka myinshi adudubiriza hafi yaho bari baganditse yarakamye. Nanone byari umugambi w’Imana kugira ngo igerageze ubwoko bwayo. Imana yashakaga kureba yuko bazizera ineza yayo cyangwa bagakurikiza kutizera kwa ba se. {AA 282.4}

Ubwo noneho bari bageze aho bareba imisozi y’i Kanani. Urugendo rw’iminsi mike ni rwo rwari kubageza ku mipaka y’Igihugu cy’Isezerano. Bari bari hafi ya Edomu yari ituwe n’abakomoka kuri Esawu, kandi ni ho hari hanyuze inzira yatoranyijwe bagombaga kunyuramo bajya i Kanani. Icyerekezo cyari cyarahawe Mose ngo: “[. . .] noneho nimugane mu majyaruguru. Kandi utegeke abantu uti: ‘Mugiye kunyura mu gihugu cya bene wanyu Abesawu, batuye muri Seyiri, bo bazabatinya...Muzabahaheho ibyokurya n’amazi.” Gutegeka kwa Kabiri 2:4-6. Ayo mabwiriza yari akwiriye kuba ahagije kugira ngo basobanukirwe n’impamvu isoko yabo y’amazi yari yakamye. Bari bagiye kunyura mu gihugu gifite amazi menshi kandi kirumbutse, mu nzira iromboreje ijana mu gihugu cy’i Kanani. Imana yari yabasezeraniye inzira irimo amahoro inyuze

muri Edomu, ndetse n’amahirwe yo kuba bagura amazi n’ibyokurya bibahagije. Gukama kw’amazi babonaga mu buryo bwigitangaza byari bikwiriye kubabera impamvu yo kwishima, ikimenyetso kibereka ko kuzerera kwabo mu butayu byari birangiye. Iyo batagirwa impumyi no kutizera kwabo, ibi baba barabisobanukiwe. Nyamara icyagombaga kubabera igihamya cyo gusohora kw’isezerano ry’Imana bakigize impamvu yo gushidikanya no kwitotomba. Abantu basaga n’ abatakaje ibyiringiro byose by’uko Imana izabaha Kanani, maze basaba yuko bakomeza guhabwa imigisha yo mu butayu. {AA 283.1}

Mbere y’uko Imana ibemerera kwinjira muri Kanani, bagombaga kwerekana ko bizera isezerano ryayo. Amazi yakamye bataragera Edomu. Ayo ni amahirwe y’igihe gito bari babonye kugira ngo bagende kubwo kwizera aho kugendera ku byo barebaga. Ariko ikigeragezo cya mbere cyatumye bagira umwuka wo kuba indashima no kwivovota wari wararanze ababyeyi babo. Bidatinze, mu nkambi humvikanye umuborogo abantu bataka basaba amazi ku buryo bibagiwe ikiganza cyabahaga ibyo babaga bakeneye mu myaka myinshi, maze aho guhanga amaso Imana ngo ibagoboke, barayitotombeye maze mu kwiheba kwabo baravuga bati: “Iyaba twarapfuye ubwo bene wacu bapfiraga imbere y’Uwiteka!” (Kubara 20:1-13). Ibyo bivuze ko bifuzaga kuba barapfuye muri baba bantu barimbukiye mu bwigomeke bwa Kora. {AA 283.2}

Batatse bivovotera Mose na Aroni bati: “Kandi mwazaniye iki iteraniro ry’Uwiteka muri ubu butayu, ngo dupfiremo n’amatungo yacu? Mwadukuriye iki mu Egiputa, mukatuzana aha hantu habi? Si ahantu habibwa, si ahantu hamera imitini cyangwa imizabibu cyangwa amakomamanga; kandi ntihagira amazi yo kunywa.” Kubara 20:4,5. {AA 283.3}

Mose na Aroni bagiye mu muryango w’ihema ry’ibonaniro maze bikubita hasi bubamye. “Ubwiza bw’Uwiteka bwingera kuboneka” maze Mose ahabwa aya mabwiriza ngo: “Enda ya nkoni, wowe na Aroni mwene so muteranye iteraniro, mubwirire igitare mu maso yabo, kivushe amazi yacyo; ubakurire amazi muri icyo gitare.” {AA 283.4}

Abo bavandimwe bombi bagiye imbere y’iryo teraniro, Mose yitwaje ya nkoni mu ntoki ze. Icyo gihe bari bageze mu za bukuru. Bari barihanganiye kwigomeka no kwinangira kw’Abisiraheli igihe kirekire; ariko noneho amaherezo, kwihangana kwa Mose kwaracogoye. Yaratatse ati: “Nimwumve, mwa bagome mwe: muri iki gitare twabakuriramo amazi?” Maze aho kubwira igitare nk’uko Imana yari yamutegetse, yagikubise ya nkoni kabiri.

{AA 283.5}

Amazi menshi yasohotse mu rutare adudubiza kugira ngo amare inyota iyo mbaga, ariko icyaha gikomeye cyari cyamaze gukorwa. Mose yari yavuganye uburakari;

amagambo ye yagaragazaga ubukana bwa kimuntu aho kuba uburakari bwera kubera ko Imana yari yasuzuguwe. Mose yaravuze ati: “Nimwumve, mwa bagome mwe.” Ibyo yari abavuzeho byari ukuri, ariko n’ukuri ntigukwiriye kuvuganwa ubukana cyangwa kutihangana. Igihe Imana yategetse Mose gushinja Abisiraheli ubwigomeke bwabo, ayo magambo yari yaramubabaje kandi aremerera Abisiraheli ku buryo kuyihanganira byari bitaboroheye, nyamara igihe yatangaga ubwo butumwa, Imana yari yaramushyigikiye. Nyamara igihe yiyemezaga kubarega we ubwe, yababaje Mwuka w’Imana kandi agirira nabi abantu. Byagaragaye neza yuko atagifite kwihangana no kwifata. Bityo rero, abantu baboneyeho urwaho rwo kwibaza niba ibyo yakoze mbere byose yari ayobowe n’Imana, kandi babona urwitwazo rw’ibyaha byabo bwite. Yaba Mose nabo ubwabo, bari bagomeye Imana. Bavuze ko imikorere ye kuva mbere hose yari iyo kugawa no kunengwa. Ubwo noneho bari babonye urwitwazo bashakaga rwo kwanga gucyahwa Imana yari yaragiye iboherereza itumye umugaragu wayo. {AA 284.1}

Mose yagaragaje kutiringira Imana. Yarabajije ati: “Muri iki gitare twabakuriramo amazi?” Byari nk’aho Uwiteka atajyaga gukora ibyo yasezeranye. Uwiteka yabwiye abo bavandimwe babiri ati: “Kuko mutanyizeye ngo mwerekanire kwera kwanjye mu maso y’Abisirayeli,...” Igihe amazi yakamaga, kwizera kwabo ko isezerano ry’Imana rizasohora kwari kwarahungabanyijwe no kwitotomba n’ubwigomeke by’abantu. Ab’igisekuru cya mbere bari barahanishije kurimbukira mu butayu bitewe no kutizera kwabo, nyamara umwuka nk’uwabo wagaragaye no mu bana babo. Mbese abo n’abo bajyaga kudasohorezwa isezerano? Ubwo Mose na Aroni bari bananiwe kandi bacitse intege, ntibarakagerageza guhagarika uwo mwuka wari uri mu bantu. Iyo bo ubwabo bagaragaza ukwizera Imana kudacogora, baba barashyize icyo kibazo imbere y’abantu ku buryo bwari kubabashisha kwihanganira icyo kigeragezo. Kubwo gukoresha badakebakeba ubushobozi bari barahawe nk’abacamanza, bajyaga gushobora guhosha uko kwitotomba. Byari inshingano yabo gukoresha ubushobozi bwose bari bafite kugira ngo batume ibintu bigenda neza batarasaba Imana ngo ibibakorere. Mbega ibibi biba byarahagaritswe ntibibeho iyo kwitotomba kwabereye i Kadeshi guhita guhagarikwa! {AA 284.2}

Kubw’igikorwa cye cy’ubuhubutsi, Mose yakuyeho imbaraga z’icyigisho Imana yari yagambiriye kwigisha. Kubera ko igitare cyagereranyaga Kristo, cyari cyarakubiswe rimwe nk’uko Kristo yajyaga kuzatambwa rimwe risa. Ku nshuro ya kabiri rero, byari ngombwa kubwira igitare gusa nk’uko tugomba gusaba imigisha mu izina rya Yesu gusa. Kubwo gukubita igitare ubwa kabiri, ubusobanuro bw’icyo gishushanyo cyiza cyane cya Kristo bwakuweho. {AA 284.3}

Ikirenze ibyo, Mose na Aroni bihaye ububasha bufitwe n’Imana gusa. Kuba byarabaye ngombwa ko Imana ibyigaragazamo byatumye ibyo bibaye bikomera, kandi abo

bayobozi b’Abisiraheli baba barabigenje neza kugira ngo batere abantu kubaha Imana kandi bakomeze kwizera ububasha bw’Imana no kugira neza kwayo. Igihe bateraga hejuru bati: “muri iki gitare twabakuriramo amazi?” bishyize mu mwanya w’Imana, nk’aho ari bo bafite ububasha, kandi bari abantu bafite intege nke n’amarangamutima bya kimuntu. Kubera kuremererwa no kwitotomba kwahoragaho ndetse no kwigomeka kw’Abisiraheli, Mose yari atagitumbiriye Umufasha we Ushoborabyose maze ku bwo kutagira imbaraga mvajuru, kubw’intege nke ze yangije ibyiza yari yarakoze. Umuntu wagombaga kuba yarahagaze atunganye, ashikamye kandi atikanyiza kugeza ku iherezo ry’umurimo we, amaherezo yaratsinzwe. Imana yari yarateshejwe icyubahiro imbere y’iteraniro ry’Abisiraheli mu gihe yagombaga kubahishwa no kwererezwa. {AA 284.4}

Muri uwo mwanya Imana ntiyahanye abantu bateye Mose na Aroni kurakara kubera ibibi byabo. Gucyahwa koze kwashyizwe ku bayobozi. Abari bahagarariye Imana ntibari bayubashye. Mose na Aroni bari bagize agahinda, ntibabona ko atari bo abantu bitotomberaga ko ahubwo bitotomberaga Imana. Ku bwo kwireba ubwabo bakishingikiriza ku mpuhwe zabo ubwabo, byatumye bagwa mu cyaha batabizi maze bananirwa kwerekana abantu icyaha gikomeye bakoreye Imana. {AA 285.1}

Igihano bahise bahabwa cyari kibi kandi kibabaje cyane. “Uwiteka abwira Mose na Aroni ati: ‘Kuko mutanyizeye ngo mwerekanire kwera kwanjye mu maso y’Abisirayeli, ntimuzajyana iri teraniro mu gihugu mbahaye.” Bagombaga gupfana n’Abisiraheli bigometse bagapfa batarambuka uruzi rwa Yorodani. Iyo Mose na Aroni bihambira ku mwuka wo kwiyemera no kwihagararaho imbere y’umuburo no gucyahwa bivuye ku Mana, icyaha cyabo cyari kurushaho gukomera cyane. Nyamara ntibashinjwaga icyaha bakoze bihandagaje cyangwa babyihitiyemo; bari batsinzwe n’ikigeragezo gitunguranye, kandi bahise bihana babikuye ku mutima. Uwiteka yemeye kwihana kwabo, nyamara kubera ingorane icyaha cyabo cyari kuzagira ku bantu, ntabwo Imana yari gukuraho igihano cyacyo. {AA 285.2}

Ntabwo Mose yahishe igihano yahawe, ahubwo yabwiye abantu ko ubwo yari yananiwe kwerekana icyubahiro cy’Imana atajyaga kubageza mu Gihugu cy’Isezerano. Yabingingiye kuzirikana igihano gikomeye yari yahawe ndetse n’uburyo Imana igomba gufata kwitotomba kwabo bashyira ku muntu buntu ibihano bari bizaniye. Yababwiye uko yari yinginze Imana kugira ngo ikureho icyo gihano nyamara ntibyemerwe. Yaravuze ati: “Maze Uwiteka, andakarira ku bwanyu, ntiyanyumvira.” Gutegeka kwa kabiri 3:26. {AA 285.3}

Igihe cyose habagaho amakuba cyangwa ikigeragezo, Abisiraheli babaga biteguye gushinja Mose ko yabakuye mu Misiri nk’aho Imana nta ruhare yabigizemo. Mu ngendo zabo zose, ubwo bitotomberaga amagorwa bagiraga mu nzira maze

bakitotombera n’abayobozi babo, Mose yarababwiraga ati: “Si twe mwivovotera, ahubwo Uwiteka wabacunguye ni we mwivovotera.” Ariko amagambo akakaye yavugiye imbere y’urutare ngo: ” ... muri iki gitare twabakuriramo amazi?” yemezaga ikirego cyabo kandi kub’ibyo yari kubakomeza mu kutizera kwabo ndetse akaba urwitwazo rwo kwitotomba kwabo. Uwiteka yagombaga gusibanganya iyo shusho mu ntekerezo zabo akoresheje kutemerera Mose kwinjira mu Gihugu cy’Isezerano. Icyo cyari ikimenyetso kidashidikanywa cyerekana ko umuyobozi wabo atari Mose, ko ahubwo ari Umumarayika ukomeye, uwo Uwiteka yari yaravuze ati: “Dore, ndatuma Marayika imbere yawe, akurindire mu nzira, akujyane aho nakwiteguriye. Mumwitondeho, mumwumvire, ...kuko izina ryanjye riri muri we.” Kuva 23:20, 21. {AA 285.4}

Mose arababwira ati: “Uwiteka yarandakariye ku bwanyu.” Abisiraheli bose bari bahanze Mose amaso, kandi icyaha cye cyatumye abantu batekereza ku Mana yari yaramutoranyije kugira ngo abe umuyobozi w’ubwoko bwayo. Iteraniro ryose ryamenye icyo cyaha; kandi iyo cyirengangizwa cyikoroshwa, abantu bajyaga gufata ko kutizera no kutihangana igihe urakajwe cyane bishobora kugira urwitwazo bikozwe n’abari mu myanya y’ubuyobozi. Ariko igihe byavugwaga ko kubera icyo cyaha kimwe gusa Mose na Aroni batazinjira i Kanani, abantu bamenye yuko Imana idatinya abantu kandi ko byanze bikunze izahana uyigomera. {AA 286.1}

Amateka y’Abisiraheli yagombaga kwandikwa kugira ngo yigishe kandi abere umuburo abantu bo mu bisekuru byagombaga gukurikiraho. Abantu b’ibihe by’ahazaza bose bakwiriye kubona ko Imana yo mu ijuru ari umutware utabogama, kandi ko nta mpamvu iyo ari yo yose yatuma ashyigikira icyaha. Abantu bajya bishuka bavuga ko Imana ari nziza cyane itazahana uyigomera. Nyamara turebeye mu mucyo w’amateka ya Bibiliya, bigaragara neza ko ubugwaneza bw’Imana n’urukundo rwayo biyitera gufata icyaha nk’ikibi gikomeye cyangiza amahoro n’umunezero by’isanzure ryose. {AA 286.2}

Ndetse n’ubunyangamugayo no kuba indahemuka bya Mose ntibyashoboraga gukuraho igihano cy’ikosa rye. Imana yari yarababariye abantu ibicumuro bikomeye kuruta icyo, ariko ntiyajyaga guhana icyaha cy’abayobozi kimwe n’icy’abayoborwa. Yari yarahaye Mose icyubahiro kiruta icy’undi muntu uwo ari we wese ku isi. Imana yari yaramuhishuriye ikuzo ryayo, kandi yari yaramukoresheje imuha amategeko yayo ngo ayageze ku Bisiraheli. Kuba Mose yari yarabonye umucyo mwinshi n’ubwenge bene ako kageni, ni byo byatumye icyaha cye kibabaza cyane. Uko umuntu yahawe umucyo n’amahirwe byinshi, ni ko inshingano ye irushaho kuba ikomeye kandi ni ko gutsindwa kwe kuba gukomeye ndetse n’igihano cye kikaba kiremereye cyane. {AA 286.3}

Ntabwo Mose yari yakoze icyaha gikomeye cyane nk’uko abantu bashobora

kubitekereza. Icyaha cye cyari kimwe mu bikunze kubaho. Umunyazaburi aravuga ati: “Kuko bagomeye Umwuka w’Uwiteka, bituma Mose avugisha akanwa ke ibidakwiriye.” (Zaburi 106:33). Ukurikije imyumvire ya kimuntu, ibyo bishobora kugaragara nk’aho ari ikintu cyoroheje, ariko niba Imana yarahannye itababarira umugaragu wayo warushaga abandi bose gukiranuka n’icyubahiro, ntizirengagiza icyaha nk’icyo ku bandi. Umwuka wo kwishyira hejuru, no gushakisha ibicumuro kuri bagenzi bacu ntunezeza Imana. Abantu birundurira muri ibyo bibi batera gushidikanya ku murimo w’Imana, kandi baha abahakana Imana urwitwazo rwo kutizera. Uko umuntu arushaho kugira inshingano zirushijeho kuba iz’ingenzi, kandi akaba afite ijambo rikomeye mu bandi, ni na ko ari ngombwa akwiriye kwimenyereza kwihangana no kwicisha bugufi. {AA 286.4}

Iyo abana b’Imana, ariko by’umwihariko abafite inshingano z’ubuyobozi bihaye icyubahiro cyari gikwiriye guhabwa Imana, ibyo bishimisha Satani cyane. Satani aba atsinze. Uko ni ko yaguye kandi uko ni ko agera ku ntego cyane agerageza abandi ashaka kurimbura. Mu rwego rwo kuturinda imitego ya Satani, Imana yashyize mu ijambo ryayo ibyigisho byinshi bitwigisha akaga ko kwishyira hejuru. Muri kamere yacu nta mbaraga idutera gukora, ndetse nta n’ubushobozi bw’ubwenge bwacu cyangwa ibyo umutima wacu ushobora kubogamiramo bidakeneye kuyoborwa na Mwuka w’Imana buri kanya kose. Nta mugisha Imana iha umuntu cyangwa ikigeragezo yemera ko kimugeraho Stani adashobora kuririraho kugira ngo agerageze, abuze amahwemo kandi arimbure ubugingo bw’umuntu turamutse tumuhaye amahirwe make ashoboka. Kubw’ibyo rero, ubwinshi bw’umucyo umuntu yaba yarabonye wose, uko yaba agirirwa neza n’Imana akakira n’imigisha yayo kose, akwiriye guhora agenda yicishije bugufi imbere y’Imana, ayisaba yizeye ko izayobora ibyo atekereza byose kandi ikagenga ibyo akora byose. {AA 286.5}

Abantu bose bavuga ko bubaha Imana bafite inshingano yera yo kurinda yo kurinda umwuka wabo no kugaragaza kwitegeka igihe bashotowe cyane. Inshingano Mose yari yarahawe zari zikomeye cyane. Abantu bake cyane ni bo bazigera bageragezwa bikomeye nka we. Nyamara ibyo ntibyari byemewe ngo bibe urwitwazo ku cyaha cye. Imana yahaye ubwoko bwayo ibyo bukeneye byose; kandi nibwishingikiriza ku mbaraga zayo, ntabwo buzigera buba igikinisho cy’ibibaho. Ikigeragezo gikomeye kuruta ibindi ntigishobora kuba urwitwazo rwo gukora icyaha. Nyamara uko byakomerera umuntu kose, gucumura ni igikorwa cyacu ubwacu. Isi ndetse n’ikuzimu nta mabaraga bifite zo guhatira umuntu uwo ari we wese gukora ikibi. Satani adutera aturutse aho dufite intege nke, ariko ntabwo dukwiriye gutsindwa. Uko twaterwa bikomeye cyangwa bitunguranye kose, Imana yaduteganirije ubufasha kandi mu mbaraga zayo dushobora kunesha. {AA 287.1}

IGICE CYA 38 - URUGENDO RUKIKIYE EDOMU

I Kadeshi, aho Abisiraheli bari babambye amahema hari bugufi cyane y'umupaka wa Edomu, kandi Mose n'Abisiraheli bifuzaga cyane kunyura muri icyo gihugu bakajya mu Gihugu cy'Isezerano. Ku bwo iyo mpamvu, nk'uko Imana yari yarabategetse, bohererereje umwami wa Edomu ubu butumwa: {AA 288.1}

"Isirayeli mwene so arakubwira ati: Uzi imiruho twabonye yose. Ba sogokuruza baramanutse bajya mu Egiputa, tumarayo igihe kirekire. Abanyegiputa batugirira nabi, bayigirira na ba sogokuruza. Dutakiye Uwiteka, yumva ijwi ryacu, atuma marayika, adukura mu Egiputa. Dore none turi i Kadeshi, umudugudu wo ku rugabano rwawe. Reka tunyure mu gihugu cyawe: ntituzagira umurima cyangwa uruzabibu tunyuramo, kandi ntituzanywa amazi yo mu mariba yawe: ahubwo tuzaca mu nzira y'umwami, twe gutambikira iburyo cyangwa ibumoso, tugeze aho tuzarangiriza igihugu cyawe." {AA 288.2}

Kuri iryo saba mu kinyabupfura, babasubizanyije iterabwabo babahakanira ngo: "Ntuzanyura mu gihugu cyanjye, ntagusanganiza inkota." {AA 288.3}

Abayobozi b'Abisiraheli batangajwe n'uko kwimwa inzira maze bongera kohererereza umwami ubutumwa bumwinginga kandi bamuha isezerano rivuga ngo: "Tuzaca mu nzira nini; kandi twebwe n'amatungo yacu nitunywa amazi yawe, tuzakwishyura icyo uzacira: reka tuhace n'amaguru gusa, nta kindi tuzahakora." {AA 288.4}

Yongeye kubasubiza ngo: "Ntimuzahanyure." Ingabo z'Abanyedomu zari zashyizwe mu nzira ziruhije kugira ngo uburyo bwose bwo kuhanyura mu mudendezo bwe gushoboka, kandi Abaheburayo babujijwe gukoresha imbaraga. Bagombaga rero kugenda urugendo rurerure bakikiye Edomu. {AA 288.5}

Iyo abo bantu biringira Imana igihe bari bageze mu kigeragezo, Umugaba w'ingabo z'Uwiteka aba yarabayoboye akabanyuza muri Edomu, kandi abaturage ba Edomu bajyaga kubatinya, maze aho kubagirira nabi, bari kubagirira neza. Ariko Abisiraheli ntibahise bakurikiza ijambo ry'Imana, maze igihe bitotombaga kandi bivovota ayo mahirwe atagira uko asa arabacika. Igihe amaherezo bari biteguye gusaba umwami ngo abahe inzira yaranze. Kuva igihe bari baraviriye mu Misiri, Satani yari yarakomeje gukora ubudatuza akabatega ibisitaza n'ibigeragezo mu nzira kugira ngo batazaragwa Kanani. Kandi ku bwo kutizera kwabo, bari baragiye kenshi bamukingurira urugi kugira ngo arwanye umugambi w'Imana. {AA 288.6}

Igihe abamarayika b'Imana biteguye kugira icyo badukorera, ni ingenzi kwizera ijambo ry'Imana no gukora ibyo ridusaba nta kuzuyaza. Abamarayika babi bahora biteguye kurwanya intambwe yose yo kujya imbere. Iyo Imana ibwiye abana bayo kugenda, iyo

yiteguye kubakorera ikibomeye, Satani abageragеresha kubabaza Uwiteka bashidikanya kandi bazarira. Ashaka gukongeza umwuka w'intambara, agateza kwitotomba cyangwa kutizera maze akabavutsa imigisha Imana ishaka kubaha. Abagaragu b'Imana bakwiriye guhora bari maso, biteguye kugenda bihuse igihe ubuntu bw'Imana bukinguye inzira. Gutinda uko ari ko kose kwabaho ku ruhande rwabo biha Satani igihe cyo gukora kugira ngo abatsinde. {AA 288.7}

Mu mabwiriza yahawe Mose bwa mbere ku byerekeye urugendo rw'Abisiraheli banyura muri Edomu, nyuma yo kuvuga ko Abanyedomu bazatinya Abisiraheli, Uwiteka yari yarabujije ubwoko bwe gukoresha ayo mahirwe bufite maze bukarwanya Abanyedomu. Kubera ko imbaraga y'Imana yagombaga kuba mu ruhande rw'Abisiraheli, kandi ubwoba bw'Abanyedomu bukabatera kuba abanyantege nke imbere yabo, Abaheburayo rero ntibagombaga kubarwanya. Itegeko bahawe ryari iri ngo: "Nuko mwirinde cyane, ntimubarwanye, kuko ntazabaha ku gihugu cyabo, naho yaba intambwe imwe y'ikirenge, kuko nahaye Esawu umusozi wa Seyiri ho gakondo." (Gutegeka kwa kabiri 2:4,5). Abanyedomu bakomokaga kuri Aburahamu na Isaka. Kubwa Aburahamu na Isaka, abagaragu bayo, Imana yari yaragiriye neza urubyaro rwa Esawu. Yari yarabahaye umusozi Seyiri ngo ube uwabo kandi ntibagombaga kubuzwa amahoro keretse bakoze ibyaha bakitandukanya n'imbabazi zayo. Abaheburayo bagombaga kurimbura rwose abaturage b'i Kanani bari baramaze kuzuza igikombe cyo gukiranirwa kwabo; ariko Abanyedomu bari bagifite agahenge ko kwihana, bityo bagombaga kugirirwa imbabazi. Imana yishimira kubabarira, kandi yerekana impuhwe zayo mbere yuko ihana. Yigishije Abisiraheli kurokora Abanyedomu mbere y'uko ibasaba kurimbura abaturage b'i Kanani. {AA 289.1}

Abakurambere ba Edomu na Isirayeli bari abavandimwe, bityo ubugwaneza bwa kivandimwe n'imibanire myiza byagombaga kuba hagati yabo. Abisiraheli babujijwe icyo gihe cyangwa ikindi gihe kizaza kwihorera ku nabi bagiriwe ubwo bangirwaga kunyura mu gihugu cya Edomu. Ntibagombaga kwitega ko bakwiriye kwigarurira igice icyo ari cyose cy'igihugu cya Edomu. Nubwo Abisiraheli bari ubwoko bwatoranyijwe n'Imana, bagombaga kumvira amabwiriza Imana yari ibahaye. Imana yari yarabasezeranyije umurage mwiza, ariko ntibari bakwiriye kwibwira yuko ari bo bonyine bafite uburenganzira ubwo ari bwo bwose ku isi ngo bashake kwirukana abandi bose. Mu biganiro byose bagiranye n'Abanyedomu, bagombaga kwirinda kubarenganya. Bagombaga kugura na bo ibyo babaga bakeneye, bakishyura neza ibyo bahabwaga byose. Mu rwego rwo gutera Abisiraheli umwete wo kwizera Imana no kumvira ijambo ryayo, bibukijwe muri aya magambo ngo: "Uwiteka Imana yanyu yahahaye umugisha;...nta cyo mwakennye." Ntabwo Abisiraheli bakeshaga Abanyedomu amaramuko kuko bari bafite Imana ikize ku bintu. Ntibagombaga gukoresha imbaraga cyangwa uburiganya ngo bashake uko babona ikintu

cy’Abanyedomu icyo ari cyo cyose; ahubwo mu ko babagiriraga ko se, bari bakwirive gutanga urugero rw’ihame riri mu itegeko ry’Imana rivuga ngo: “Ukunde mugenzi wawe nk’uko wikunda.” {AA 289.2}

Iyo banyura muri Edomu nk’uko Imana yari yabiteganyije, uko kuhanyura ntibyajyaga kubabera umugisha bonyine ahubwo byari no kubera umugisha abari batuye icyo gihugu, kuko bayri kubaha amahirwe yo kumenyana n’ubwoko bw’Imana no kubona uko buyisenga ndetse bakibonera uko Imana ya Yakobo yakungahazaga abayikunda kandi bakayubaha. Ariko kutizera kw’Abisiraheli kwatumye ibyo byose bitabaho. Imana yari yarasubije gusaba kw’Abisiraheli maze ibaha amazi, ariko yemeye ko kutizera kwabo kubazanira igihano kigukwiriye. Nanone bagombaga kwambukiranya ubutayu kandi bakamarwa inyota n’amazi avuye mu isoko yabonetse mu buryo bw’igitangaza batajyaga kongera gukenera iyo bizera Imana.

{AA 289.3}

Nk’uko byari byavuzwe, nanone ingabo z’Abisiraheli zongeye kwerekeza mu majyepfo, kandi banyura mu butayu ahasaga nk’aho habaciye intege cyane bamaze kubona imyanya imwe n’imwe itoshye mu misozi no mu bibaya bya Edomu. Mu ruhererekane rw’udusozi twari dukikije ubwo butayu bubi, hari umusozi witwaga Rori, kandi mu mpinga yawo ni ho Aroni yajyaga gupfira akanahahambwa. Igihe Abisiraheli bageraga kuri uwo musozi, Imana yategetse Mose iti:“Jyana Aroni na Eleyazari umwana we, ubazamure umusozi Hori: wambure Aroni imyambaro ye, uyambike Eleyazari umwana we; maze Aroni ari bupfireyo, asange ubwoko bwe.” Kubara 20:25,26. {AA 289.4}

Abo bagabo bombi b’abakambwe n’uwo musore muto bazamukanye uwo musozi. Imitwe ya Mose na Aroni yariho imvi z’uruyenzi. Ubuzima bwabo butakenyutse kandi bwabayemo ibitangaza byinshi, bwaranzwe n’ibigeragezo bikomeye ndetse babona n’icyubahiro cyinshi cyane kitigeze gihabwa abantu benshi. Bari abagabo bafite ubushobozi kamere, kandi ububasha bwabo bwose bwari bwarongerewe, bwarashyizwe hejuru, kandi bwarahawe icyubahiro ku bwo gusabana n’Imana. Bari barakoresheje ubuzima bwabo bakorera Imana na bagenzi babo bitiziganye. Mu maso habo hagaragaraga ubwenge bukomeye, gushikama n’imigambi ihamye, n’urukundo rwinshi. {AA 290.1}

Hari hashize imyaka myinshi Mose na Aroni bafatanya mu bibahangayikisha n’imiruho. Bari barafatanyije mu makuba atabarika, kandi bari barasangiye imigisha y’Imana; ariko igihe cyari cyegereje ngo batandukane. Bakomeje kuzamuka buhoro buhoro, kuko akanya kose bamaranaga kari ingenzi. Bazamukaga ku gacuri kandi mu buryo bubaruhije cyane; kandi uko bahagararaga ngo baruhuke, bavuganaga ibyerekeye igihe cyashize n’ikizaza. Imbere yabo aho bashoboraga kugeza amaso, bahabonaga ibyaranze kuzerera kwabo mu butayu. Mu kibaya cyari hasi y’uwo musozi, ni ho ingabo

nyinshi z’Abisiraheli zari zibambye amahema, ingabo abo bagabo batoranyijwe bari barakoreye mu gihe kirekire cy’imibereho yabo. Kumererwa neza kw’Abisiraheli ni ko kwari kwaragiye kubahangayikisha kandi kugatuma batanga ibitambo bikomeye cyane. Hirya y’imisozi ya Edomu hari inzira ijya mu Gihugu cy’Isezerano, igihugu Mose na Aroni batajyaga kugira amahirwe yo kubona ku migisha yacyo. Nta gitekerezo cyo kwigomeka cyabonye urwaho mu mitima yabo, nta mvugo yo kwitotomba yigeze isohoka mu kanwa kabo; nyamara mu maso yabo habonekaga umubabaro igihe bibukaga icyabavukije umurage wa ba sekuru. {AA 290.2}

Aroni yari arangije umurimo yakoreye Abisiraheli. Hari hashize imyaka inirongo ine, igihe yari amaze imyaka mirongo inani n’itatu y’amavuko, Imana imuhamagariye gufatanya na Mose umurimo ukomeye cyane yari ahawe. Yari yarakoranye n’umuvandimwe we mu gukura abana ba Isiraheli mu Misiri. Yari yararamiye amaboko y’uwo muyobozi ukomeye igihe ingabo z’Abisiraheli barwanaga n’Abamaleki. Yari yaremerewe kuzamuka umusozi Sinayi kugira ngo yegere aho Imana iri ndetse ari nko kwitegereza ubwiza bwayo. Uwiteka yari yarahaye umuryango wa Aroni umurimo w’ubutambyi, kandi yari yaramuhaye icyubahiro ubwo yerezwaga ubutambyi bukuru. Uwiteka yari yaramukomereje muri uwo murimo wera ubwo yatangaga ibihano biteye ubwoba akarimbura Kora n’abambari be. Icyorezo cyari cyahagaze bitewe no kwinginga kwa Aroni. Igihe abahungu be babiri bicwaga ku bwo guhinyura itegeko ry’Imana, ntabwo yigometse cyangwa ngo yitotombe. Nyamara ibyaranze ubuzima bwe bwiza byari byarajemo agatotsi. Aroni yakoze icyaha gikomeye igihe yemeraga ibyo abantu basabye akarema inyana y’izahahu kuri Sinayi, kandi na none n’igihe yafatanyaga na Miriyamu kwitotombera Mose no kumugirira ishyari. Kandi we na Mose, bari baragayishije Uwiteka i Kadeshi ubwo batakurikizaga itegeko ryo kubwira igitare ngo gitange amazi. {AA 290.3}

Imana yifuzaga ko abo bayobozi bakomeye b’ubwoko bwayo baba abahagarariye Kristo. Aroni yagiraga amazina y’Abisiraheli ku gituza cye. Yabwiraga abantu ubushake bw’Imana. Yinjiraga ahera cyane ku munsi w’impongano, “yitwaje amaraso,” nk’umuhuza w’Abisiraheli bose. Yasohokaga amaze gukora uwo murimo agaha umugisha iteraniro ry’Abaisiraheli, nk’uko Kristo azaza guha umugisha ubwoko bwe bumutegereje igihe umurimo we wo kubuhongerera uzaba urangiye. Uburyo iyo nshingano yera yubahwaga cyane, ni byo byatumye icyaha cya Aroni i Kadeshi, wari uhagarariye Umutambyi mukuru wacu ukomeye, gikomera gityo. {AA 291.1}

Mose afite agahinda kenshi, yambuye Aroni imyenda yera, ayambika Eleyazari, uwo Imana yari yatoye ngo amusimbure. Kubera icyaha yakoreye i Kadeshi, Aroni yambuwe amahirwe yo gukora umurimo w’umutambyi mukuru i Kanani, umurimo wo gutamba igitambo cya mbere mu gihugu cyiza bityo agataha umurage w’Abisiraheli. Mose yagombaga gukomeza kwikorera umutwaro we ayobora ubwoko bw’Imana akabugeza

ku ngabano z’i Kanani. Yagombaga kugera aho yitegereza igihugu cy’Isezerano ariko ntacyinjiremo. Iyo igihe bari bahagaze imbere y’igitare i Kadeshi, aba bagaragu b’Imana bihangana batitotombera ikigeragezo bahagiriye, mbega uburyo ahazaza habo hari gutandukana n’uburyo ibintu byagenze! Igikorwa kibi ntigishobora na rimwe gukosorwa. Bishoboka yuko umurimo umuntu yakoze mu mibereho ye yose itagarura ibyatakajwe mu kanya gato k’ikigeragezo cyabayeho cyangwa mu guhubuka. {AA 291.2}

Kutaba mu nkambi kw’abayobozi babiri bakomeye, no kuba bari baherekejwe na Eliyazari byari bizwi neza ko ari we ugomba gusimbura Aroni ku nshingano ye yera, byakanguye abantu kandi bategereza kugaruka kwabo bafite amatsiko. Ubwo abantu bitegerezaga inteko yabo nini cyane, basanze yuko hafi y’abantu bakuru bose bavuye mu Misiri bari barashiriye mu butayu. Bibutse urubanza Mose na Aroni baciriwe, bose bumvise ko hari ikintu kibi kiri bubeho. Bamwe bari bazi iby’urwo rugendo rudasanzwe rwo kujya mu mpinga y’umusozi Hori, bityo guhangayikira abayobozi babo bikomezwa cyane no kwibuka ibintu bibi byabayeho no kumva umutima wabo ubashinja. {AA 291.3}

Nyuma y’ibyo abantu babona Mose na Eleyazari bamanuka uwo musozi buhoro buhoro, ariko Aroni Atari kumwe na bo. Eleyazari yari yambaye imyambaro y’ubutambyi, bigaragaza yuko yasimbuye se ku murimo wera. Ubwo abantu bari bafite intimba ku mutima bari bamaze guteranira iruhande rw’umuyobozi wabo, Mose yababwiye ko Aroni yamupfiriye mu maboko mu mpinga y’umusozi Hori, kandi ko aho ari ho bamuhambye. Iyo mbaga itangira kuririra Aroni no kuganya kubera ko bose bakundaga Aroni nubwo incuro nyinshi bari baramuteje agahinda. “Iteraniro ryose ribonye yuko Aroni yapfuye, inzu ya Isirayeli yose imana iminsi mirongo itatu iririra Aroni.” {AA 291.4}

Ku byerekeye ihambwa ry’umutambyi mukuru wa Isiraheli, Ibyanditswe byera bibivuga mu buryo bworoshye biti: “. ni ho Aroni yapfiriye ni ho bamuhambye.” (Gutegeka kwa Kabiri 10:6). Ihambwa rya Aroni ryakozwe hakurikijwe itegeko ry’Imana, rihabanye cyane n’imico yo muri iki gihe. Muri iki gihe, imihango yo guhamba umuntu wari ukomeye ihindurwa umwanya wo kwirata ibyo abantu bafite no gusesagura. Igihe Aroni yapfaga, [kandi yari umwe mu bantu bakomeye cyane bigeze babaho], hari abantu be ba bugufi babiri gusa, aba ni bo babonye urupfu rwe kandi baranamuhamba. Icyo gituro cyari cyonyine ku musozi wa Hori cyahishwe Abisiraheli buheriheri. Imana ntibeshwa icyubahiro no kwerekana ubukire nk’uko bikunze gukorerwa ku muntu wapfuye, ndetse no gupfusha ubusa umutungo iyo imirambo isubizwa mu mukungugu. {AA 291.5}

Iteraniro ry’Abisiraheli bose ryaririye Aroni, nyamara ntibashoboraga kumva igihombo

bagize nk’uko byagendekeye Mose. Urupfu rwa Aroni rwibukije Mose cyane ko iherezo rye na we ryegereje; ariko nk’uko igihe cye cyo kuba ku isi cyagombag kuba kigufi, yagize intimba iremereye mu mutima ku bwo kubura uwo bafatanyaga ibihe byose — uwo bari barasangiye imyaka myinshi ibyishimo n’umubabaro, ibyiringiro n’ubwoba. Ubwo rero Mose yagombaga gukomeza gukora wenyine; ariko yari azi yuko Imana ari incuti ye, kandi ni yo yishingirizagaho cyane. {AA 292.1}

Hashize igihe gito bavuye ku musozi Hori, Abisiraheli baneshejwe ku rugamba barwana na Aradi, umwe mu bami b’i Kanani. Ariko batabaje Imana ngo ibafashe, bahawe ubufasha buturutse mu ijuru maze abanzi babo bahunga intatane. Aho kugira ngo uko kunesha kubatere gushima no kumva uburyo babeshejweho n’Imana, kwabateye kwirata no kwiyiringira ubwabo. Bidatinze bongeye gusubira muri ya ngeso ya kera yo kwitotomba. Icyo gihe ntabwo bari banyuzwe kubera ko mu myaka hafi mirongo ine yari ishize, ingabo z’Abisiraheli zitari zaremerewe guhita zinjira muri Kanani nyuma yo kwigomeka kwabaye ubwo abatasi bari bamaze gutanga amakuru y’i Kanani. Bavuze ko gutinda kwabo mu butayu bitari bikwiye, bagasobanura ko bagombye kuba baratsinze abanzi babo namber hose nk’uko byari bigenze icyo gihe.

{AA 292.2}

Ubwo bakomezaga urugendo rwabo bagana mu majyepfo, banyuze mu kibaya kirimo ubushyuhe bwinshi, kirimo umusenyi, kitagira aho kugama izuba cyangwa ibimera ibyo ari byo byose. Iyo nzira yasaga n’aho ari ndende kandi iruhanyije, bityo barananirwa cyane kandi bagira inyota. Na none bongeye kunanirwa kwihanganira ikigeragezo cyo kwizera no kwihangana. Ku bwo kuguma mu ruhande rwijimye rw’ibyo banyuzemo, barushijeho kwitandukanya n’Imana. Bibagiwe ko iyo batitotomba ubwo amazi yakamaga i Kadeshi, bajyaga kurindwa gukora urugendo ruzenguruka Edomu. Imana yari yaragambiriye ibintu byiza kuri bo. Imitima yabo iba yaruzuyemo gushima Imana kubwo kuba yari yarabahaniye icyaha cyabo mu buryo bworoheje butyo. Nyamara aho kugira ngo bayishime, birase bavuga ko iyo Imana na Mose batahaba, bajyaga kuba baramaze kwigarurira Igihugu cy’Isezerano. Bamaze kwishyira mu kaga, ibyabo bamazekubigira bibi cyane kurenza uko Imana yateganyije, ibyago byose bahuye nabyo babigeretse ku Mana. Uko ni ko batekereje nabi uko Imana yabagenzerezaga, maze amaherezo binubira ibintu byose. Babonaga mu Misiri ari heza cyane ndetse ari aho kwifuzwa kuruta umudendezo n’igihugu Imana yabajyanagamo.

{AA 292.3}

Uko Abisiraheli bimikaga umwuka wo kwitotomba, bari biteguye no kujora imigisha bahabwaga. “Abantu bavuga Imana na Mose nabi bati: ‘Mwadukuriye iki mu Egiputa, mukatuzana gupfira mu butayu? Ko ari nta mitsima tuhabonera akaba ari nta mazi kandi tubihiwe n’iyi mitsima mibi.” {AA 292.4}

Mose yeretse neza abantu icyaha cyabo gikomeye. Ubushobozi bw'Imana bwonyine ni bwo bwari bwarabarinze "ikabayobora inzira ica muri bwa butayu bunini buteye ubwoba, burimo inzoka z' ubusagwe butwika na sikorupiyo n'ubutaka bugwengeye butarimo amazi, ikagukurira amazi mu gitare kirushaho gukomera..." (Gutegeka kwa Kabiri 8:15). Umunsi wose w'urugendo rwabo bari bararinzwe n'igitangaza cy'imbabazi z'Imana. Mu nzira yose banyuzemo bayobowe n'Imana bari barabonye amazi yo kubamara inyota, babona imitsima ivuye mu ijuru yo kubamara inzara, ndetse babona n'amahoro n'ubwihisho munsi ya cya gicu cyabatwikiraga ku manywa n'ubw'inkingi y'umuriro nijoro. Abamarayika bari barabitayeho igihe bazamuka imisozi y'ibitare kandi bakanyura mu nzira z'ibihanamanga zo mu butayu. Nubwo bari baranyuze muri iyo miruho yose, nta munyantegenke wabarangwagamo. Mu rugendo rwabo rurerure, ibirenge byabo ntibyari byarabyimbye; nta n'ubwo imyambaro yabo yigeze isaza. Imana yari yarabatsindiye inyamaswa z'inkazi n'izikururuka zifite ubumara zo mu ishyamba no mu butayu. Iyo abantu bakomeza kubona ibyo bihamya byose by'urukundo rwayo maze bagakomeza kwitotomba, Uhoraho yari gukuraho uburinzi bwe kugeza ubwo bari guha agaciro kubitaho kwe kuje imbabazi maze bakamugarukira bihannye kandi bicishije bugufi. {AA 293.1}

Kubera ko bari barakingiwe n'imbaraga z'Imana, ntibari bazi ibyago bitabarika byahoraga bibazengurutse. Mu kuba indashima kwabo no kutizera bari barifuje urupfu, hanyuma Uhoraho yemera ko urupfu rubageraho. Inzoka z'ubusagwe zari mu butayu hose zitwaga inzoka ziteye ubwoba kubw'ingaruka zikomeye zakomokaga ku kurumwa nazo. Byateraga ubusagwe butuma aho yariye habyimbagana kandi umuntu agapfa vuba. Ubwo Imana yakuraga ukuboko kwayo kurinda ku Bisiraheli, abantu benshi cyane bariwe n'ibyo biremwa bifite ubumara. {AA 293.2}

Habayaho ubwoba n'akayubi mu nkambi yabo yose. Hafi muri buri hema ryose habaga hari abasamba cyangwa abapfuye. Nta hema na rimwe ritagezweho. Akenshi ituza rya nijoro ryarogowaga n'imiborogo ikaze yamenyeshaga abantu yuko hari abandi bamaze gupfa. Abantu bose bari bahuze bari kwita ku ndembe, cyangwa barinda ababaga batararibwa n'inzoka. Noneho nta kwitotomba kwasohokaga mu kanwa kabo. Ugereranyije n'imibabaro bari bafite ubwo, ingorane n'ibigeragezo banyuzemo mbere byasaga n'aho bidakwiriye no gutekerezwa. {AA 293.3}

Noneho abantu bicishije bugufi imbere y'Imana. Basanze Mose bicuza kandi bamwinginga bati: "Twakoze icyaha, kuko twavuze Uwiteka na we nabi." Hari hashize akanya gato gusa bamurega ko ari we mwanzi wabo gica, ko ari we ntandaro y'imiruho n'imibabaro yabo. Ariko n'igihe bavugaga ayo magambo bari bazi neza ko bamushinja ibinyoma; maze ibyago nyabyo bije, bamuhungiraho kuko ari we wenyine washoboraga kubavuganira ku Mana. Batatse bavuga bati: "Saba Uwiteka adukuremo izi nzoka." {AA 293.4}

Mose yategetswe n’Imana gucura inzoka y’umuringa isa n’izo nzima maze akayimanika mu nkambi y’abantu. Abantu bose bari bariwe n’inzoka bagombaga kureba iyo nzoka maze bagakira. Mose yagenje atyo maze iyo nkuru inejeje isakazwa mu nkambi hose ko abari bariwe n’inzoka bose bagomba kureba kuri iyo nzoka y’umuringa maze bakabaho. Benshi bari bamaze gupfa, maze igihe Mose yamanikaga iyo nzoka ku giti, bamwe ntibizeye yuko kureba kuri icyo gishushanyo cy’umuringa gusa byajyaga kubakiza. Bene abo bararimbukiye mu kutizera kwabo. Nyamara habayeho abandi benshi bizeye uburyo bwo gukira Imana yari yabateguriye. Abagabo, abagore, abavandimwe b’abahungu n’ab’abakobwa bari bashishikariye gufasha incuti zabo zababazwaga n’izenda gupfa guhanga amaso yabo yari yararerembutse kuri iyo nzoka. Nubwo babaga batakivuga kandi bari gusamba, iyo bashoboraga kuyireba rimwe gusa, barakiraga rwose. {AA 293.5}

Abantu bari bazi neza ko mu nzoka y’umuringa nta mbaraga irimo ishobora gukiza uyirebye bene aka kageni. Imbaraga ikiza yaturukag ku Mana yonyine. Mu bwenge bwayo, Imana yahisemo gukoresha ubu buryo bwo kugaragaza ubushobozi bwayo. Kubw’ubwo buryo bworoheje, abantu babashije kumenya ko ibyaha byabo ari byo byabateje ako kaga. Bahawe icyizere kandi ko nibumvira Imana nta mpamvu yo kugira ubwoba bari kugira kubera ko yari kubarinda. {AA 294.1}

Kumanika inzoka y’umuringa byari bigamije kwigisha Abisiraheli icyigisho cy’ingenzi. Ntibashoboraga kwikiza ingaruka zikomeye z’ubusagwe bwari mu bisebe byabo. Imana yonyine ni yo yashoboraga gukiza, ariko kandi bagombaga kwerekana yuko bizera ibyo Imana yari yabateganyirije. Bagomba kureba kugira ngo babeho. Kwizera kwabo ni ko Imana yemeraga, kandi bagaragazaga ukwizera kwabo babinyujije mu kureba kuri iyo nzoka. Bari bazi yuko inzoka ubwayo nta gaciro ifite, ahubwo yagereranyaga Kristo; kandi kuba kumwizera byari ngombwa, byeretswe intekerezo zabo muri ubwo buryo. Kugeza ubwo abantu bari baragiye bazanira Imana amaturo yabo, kandi bumvaga ko kugenza batyo byababeraga impongano ikwiriye y’ibyaha byabo. Ntabwo bishingikirije ku Mucunguzi wari kuzaza, uwo ibyo bitambo byashushanyaga. Noneho Uhoraho yabigishije ko ibitambo byabo bitarushaga ubushobozi n’agaciro iyo nzoka y’umuringa, ko ahubwo muri ubwo buryo byagombaga kwerekeza ibitekerezo byabo kuri Kristo, igitambo gikomeye cy’ibyaha.

{AA 294.2}

“Kandi nk’uko Mose yamanitse inzoka mu butayu, ni ko Umwana w’umuntu akwiriye kumanikwa; kugira ngo umwizera wese abone guhabwa ubugingo buhoraho.” (Yohana 3:14, 15). Ahantu bose babaye ku isi barumwe n’urubori rwica rwa “ya nzoka ya kera, yitwa umwanzi na Satani.” (Ibyahishuue 12.9). Ingaruka z’icyaha zica zishobora gukurwaho gusa n’iby’Imana yateganyije. Abisiraheli bakijije ubugingo bwabo kubwo

kureba inzoka yari imanitswe. Uko kureba kwagaragazaga kwizera. Babayeho kubera ko bizeye ijambo ry’Imana kandi bakiringira uburyo yabateganyirije kugira ngo bakire. Uko ni ko umunyabyaha akwiriye kureba kuri Kristo akabaho. Ababarirwa iyo yizeye igitambo cy’impongano. Ibihabanye na ya nzoka itaragiraga ubuzima yari igishushanyo, Kristo afite ubushobozi n’imbaraga muri we zo gukiza umunyabyaha wihana. {AA 294.3}

Nubwo umunyabyaha atakwikiza, aracyafite icyo yakora kugira ngo abone agakiza. Yesu aravuga ati: “Uza aho ndi sinzamwirukana na hato.” (Yohana 6:37). Tugomba kumusanga; kandi iyo twihannye, tugomba kwizera ko atwakira kandi akatubabarira. Kwizera ni impano y’Imana, ariko imbaraga zo kugukoresha ni izacu. Kwizera ni ikiganza umuntu akoresha akakira ubuntu n’imbabazi Imana itanga. {AA 294.4}

Nta kintu na kimwe gishobora kuduhesha umwe mu migisha y’isezerano ry’ubuntu uretse ubutungane bwa Kristo. Hariho abantu benshi bifuje cyane kandi bagerageza kubona iyo migisha, ariko ntibayakiriye kubera ko bibwiraga ko hari icyo bakora kugira ngo bemerwe. Ntibaratera inarijye umugongo ngo bizere yuko Yesu ari Umukiza ufite byose. Ntidukwiriye gutekereza yuko imirimo yacu myiza izadukiza; Kristo ni we byiringiro byacu rukumbi by’agakiza. “Kuko ari nta rindi zina munsi y’ijuru ryahawe abantu, dukwiriye gukirizwamo.” Ibyakozwe n’intumwa 4:12. {AA 294.5}

Nitwiringira Imana rwose, tukishingikiriza kubyo Yesu yakoze we Mukiza ubabarira ibyaha, tuzabona ubufasha bwose dushobora kwifuza. Nimucyo he kugira umuntu nk’aho afite imbaraga yo kwikiza. Yesu yadupfiriye kubera ko tutari dushobye kwikiza. Muri we ni hari ibyiringiro byacu, gutsindishirizwa kwacu n’ubutungane bwacu. Igihe tubonye gukiranirwa kwacu, ntidukwiriye gucika intege no gutinya ngo nta Mukiza dufite cyangwa ngo nta bitekerezo byo kutugirira imbabazi afite. Muri iki gihe ubwacyo araturarikira kumusanga uko turi impezamajyo ngo dukizwe. {AA 295.1}

Abenshi mu Bisiraheli nta bufasha babonye mu buryo bwo gukira Imana yari yashyizeho. Intumbi n’abasambaga bari babakikije, kandi bari bazi ko Imana nitabafasha nabo barapfa; ariko bakomeje kwiganyira ku bw’ibisebe byabo, umubabaro bari bafite n’urupfu babonaga rutari bubarenge kugeza igihe bashiragamo imbaraga maze amaso yabo akanuraga ariko atabona mu gihe bashoboraga gukizwa mu kanya nk’ako guhumbya. Igihe dusobanukiwe n’ubukene bwacu, ntidukwiriye gukoresha imbaraga zacu turizwa nabwo. Nubwo twasobanukirwa ko nta cyo twakwimarira tudafite Kristo, ntitukihebe, ahubwo tujye twishingikiriza kubyo Umukiza wabambwe akanazuka yakoze. Reba ubeho. Yesu yarahiriye mu ijambo rye; azakiza abamusanga bose. Nubwo abantu miliyoni nyinshi bakeneye gukizwa bazanga imbabazi atanga, nta muntu n’umwe wiringira ibyo Kristo yakoze uzarekwa ngo arimbuke. {AA 295.2}

Abantu benshi ntibashaka kwemera ibya Kristo ngo bazabyemera kugeza igihe ubwiru bwose bw'inama y'agakiza buzabahishurirwa. Banga kureba ku musaraba wa Kristo bizeye nubwo babona ko abantu ibihumbi byinshi barebye kandi bagezweho n'ibyiza bikomoka ku kureba. Abantu benshi bibabanya urujijo rw'ubucurabwenge, bashakisha impamvu n'ibihamya batazigera babona mu gihe banga ibihamya Imana yanejejwe no kubaha. Banga kugendera mu mucyo wa Zuba ryo gukiranuka ngo keretse impamvu yo kumurika kwaryo ibanje gusobanurwa. Abantu bose binangirira muri iyo mitekerereze ntibazigera bamenya ukuri. Ntabwo Imana izigera ikuraho icyatera gushidikanya cyose. Imana itanga ibihamya bihagije umuntu yashingiraho kwizera, kandi iyo ibyo bihamya bitemewe, intekerezo ziguma mu mwijima. Iyo abari bariwe n'inzoka babanza gushidikanya no kwibaza mbere y'uko bemera kureba, baba bararimbutse. Ni inshingano yacu, bwa mbere, kureba; kandi kurebana kwizera bizaduhesha ubugingo. {AA 295.3

IGICE CYA 39 - BIGARURIRA I BASHANI

Bamaze guca mu majyepfo ya Edomu, Abisiraheli berekeje mu majyaruguru maze bongera kubona Igihugu cy'Isezerano. Inzira yabo noneho yacaga mu kibaya kinini cyane, kiri ahegutse, cyahuhwagamo akayaga keza katurukaga mu misozi. Hari ahantu heza hatandukanye n'ikibaya cy'ubutayu bari baranyuzemo, bityo bihutira kujya mbere banezerewe kandi buzuye ibyiringiro. Bamaze kwambuka akagezi ka Zeredi, banyuze iburasirazuba bw'igihugu cya Mowabu kuko bari barategetswe ngo: "Ntugirire Abamowabu urugomo, ntubarwanye, kuko ntazaguha ku gihugu cyabo ho gakondo, kuko nahaye Abaloti Ari ho gakondo." Ayo mabwiriza yongeye gusubirwamo ku byerekeye Abamoni kuko na bo bakomokaga kuri Loti. {AA 296.1}

Ingabo z'Abisiraheli zakomeje kwerekeza mu majyaruguru maze bidatinze bagera mu gihugu cy'Abamori. Abo bantu bari abanyambaraga kandi bamenyereye intambara, babanje kwigarurira amajyepfo y'igihugu cy'i Kanani; ariko kubera ko biyongeraga, bambutse uruzi rwa Yorodani, barwanya Abamowabu maze bigarurira agace k'igihugu cyabo. Aho ni ho bari baratuye, barigaruriye igihugu cyose uvuye ku mugezi wa Arunoni kugera mu majyaruguru ahitwaga Yaboki. Inzira igana kuri Yorodani Abisiraheli bashakaga kunyuramo yaromborezaga muri ako karere, maze Mose yohereza Sihoni, umwami w'Abamori, ubutumwa bw'amahoro babumushyira mu murwa we. Ubwo butumwa bwaravugaga buti: "Reka anyure mu gihugu cyawe, azaca mu nzira nini, ye gutambikira iburyo cyangwa ibumoso. Uzamuhahishe ibyokurya

n’amazi, umwemerere gucishamo amaguru gusa.” Igisubizo yahawe cyabaye icyo kumuhakanira burundu, maze ingabo zose z’Abamori zirakoranywa kugira ngo babangamire urugendo rw’abari babateye. Izo ngabo zikomeye zateye Abisiraheli ubwoba kuko batari biteguye guhangana n’ingabo zari zikwije intwaro kandi zaratojwe neza. Ukurikije ubuhanga mu by’intambara, abanzi b’Abisiraheli barabarushaga. Ukurikije ibyagaragariraga abantu byose, Abisiraheli bajyaga gutsembwa ikitaraganya. {AA 296.2}

Ariko Mose yakomeje guhanga amaso ya nkingi y’igicu, kandi agakomeza abantu kubwo kubona ko ikimenyetso cy’uko Imana iri kumwe nabo kikiriho. Muri icyo gihe kandi yabahaga amabwiriza yo gukora ibyo umuntu yakora yitegura intambara. Abanzi babo bari bambariye urugamba kandi bafite icyizere cy’uko bazatsemba izo ngabo zititeguye muri icyo gihugu. Ariko Nyiribihugu byose we yari yamaze guha itegeko umuyobozi w’Abisiraheli: “Nimuhaguruke, mugende, mwambuke umugezi Arunoni; dore mbagabizanyije Sihoni Umwamori, umwami w’i Heshiboni, n’igihugu cye: mutangire kugihindura, mumurwanye. Uyu munsi ndatangira guteza ubwoba amahanga yose yo munsi y’ijuru, ngo agutinye; bazumva inkuru yawe, bahinde imishitsi, ubatere kubabara cyane.” {AA 296.3}

Iyo ayo mahanga yari atuye ku ngabano z’i Kanani adahaguruka ngo asuzugure ijambo ry’Imana abangamira urugendo rw’Abisiraheli, yari kurokoka. Uwiteka yari yariyerekanye ko yihangana, ko ari umunyampuhwe nyinshi n’imbabazi ndetse no kuri ayo mahanga y’abapagani. Ubwo mu nzozi Aburahamu yerekwaga ko urubyaro rwe, bene Isiraheli, ruzaba abashyitsi mu gihugu cy’amahanga mu gihe cy’imyaka magana ane, Uwiteka yamuhaye iri sezerano ngo: “Ubuvivi bw’abazajyayo ni bwo buzagaruka ino, kuko gukiranirwa kw’Abamori kutaruzura.” (Itangiriro 15:16). Nubwo Abamori basengaga ibigirwamana, kandi imibereho yabo ikaba yari yarandujwe n’ibibi byabo bikomeye, Imana yabarinze imyaka magana ane kugira ngo ibahe igihamya kidashidikanywaho cy’uko ari yo Mana nyakuri yonyine, Umuremyi w’ijuru n’isi. Bari bazi ibitangaza byose Imana yakoreye Abisiraheli ibakura mu Misiri. Bari barahawe ibihamya bihagije. Bagombaga kuba baramenye ukuri iyo bashaka kureka gusenga ibigirwamana kwabo no gusayisha. Nyamara banze umucyo bagundira ibigirwamana byabo. {AA 296.4}

Igihe Uhoraho yagezaga bwa kabiri ubwoko bwe ku ngabano za Kanani, ikindi gihamya by’imbaraga ze cyagaragarijwe ayo mahanga y’abapagani. Babonye ko Imana yari kumwe n’Abisiraheli igihe baneshaga umwami Aradi n’Abanyakanani ndetse no mu gitangaza cyo gukiza abicwaga n’ubusagwe bw’inzoka zari zabariye. Nubwo Abisiraheli bari barangiwe kunyura mu gihugu cya Edomu maze biba ngombwa ko banyura inzira ya kure kandi iruhanyije yo ku Nyanja Itukura, mu ngendo zabo zose naho babambye amahema yabo hose, banyuze ku gihugu cya Edomu, icya Mowabu

n’icya Amoni, nta rugomo bari barabagiriye kandi nta kibi bagiriye abaturage baho ndetse n’umutungo wabo. Bageze ku ngabano z’Abamori, Abisiraheli bari barasabye uburenganzira bwo kuromboreza gusa bakanyura mu gihugu, basezerana yuko bazakurikiza amategeko yagengaga umubano wabo n’andi mahanga. Ubwo umwami w’Abamori yangaga iki cyifuzo cy’amahoro, kandi kubw’agasuzuguro agakoranya ingabo ze kugira ngo zibarwanye, igikombe cyo gukiranirwa kwabo cyari cyuzuye, kandi noneho Imana yari gukoresha ububasha bwayo kugira ngo ibakureho. {AA 297.1}

Abisiraheli bambutse uruzi rwa Arunoni hanyuma basatira umwanzi. Urugamba rwararemye maze ingabo z’Abisiraheli ziranesha. Bamaze gutsinda bidatinze bari bamaze kwigarurira igihugu cy’Abamori. Umugaba w’ingabo z’Uwiteka ni we yanesheje abanzi b’ubwoko bwe; kandi aba yarabakoreye ibyo mu myaka mirongo itatu yari ishize iyo Abisiraheli baba bariringiye Uwiteka. {AA 297.2}

Ingabo z’Abisiraheli zuzuye ibyiringiro n’ubutwari, zihutiye gukomeza zerekeza mu majyaruguru maze bidatinze zigera mu gihugu cyagombaga kugerageza ubutwari bwabo no kwizera Imana kwabo. Imbere yabo hari ubwami bukomeye bw’i Bashani, bwari bugizwe n’imijyi ikomeye cyane yubakishijwe amabuye. Muri icyo gihe iyo mijyi yari igitangaza mu isi - “. Yari mirongo itandatu.. .igoteshejwe inkike z’amabuye ndende, zirimo ibyugarira bikomejwe n’ibihindizo; kandi hariho n’indi midugudu idafite inkike z’amabuye myinshi cyane.” (Gutegeka kwa kabiri 3:1-11). Inzu zaho zari zubakishijwe amabuye yirabura manini cyane, ku buryo atatumaga izo nyubako zimenerwamo n’ababateye abo ari bo bose. Cyari igihugu cyuzuyemo ubuvumo bwinshi n’ibihome by’ibitare. Abaturage b’icyo gihugu bakomokaga ku bwoko bw’ibihangange, bari banini n’abanyambaraga bitangaje. Bari bazwiho kuba abanyamahane n’abagome ku buryo bateraga ubwoba amahanga abazengurutse; kandi Ogi, umwami wabo yari afite igihagararo abantu bose batangariraga n’ubwo yari mu gihugu cy’ibihangange. {AA 297.3}

Ariko ya nkingi y’igicu ikomeza kugenda, maze ingabo z’Abisiraheli zikurikira aho izerekeje zisatira Edireyi aho uwo mwami w’igihangange n’ingabo ze bari bategerereje. Ogi yari yatoranyije aho kurwanira akoresheje ubuhanga. Umujyi wa Edireyi wari wubatswe ahantu hirengeye ku gasozi k’agacuri gahagaze mu kibaya kandi kazengurutswe n’ibitare bishinyitse. Umuntu yashoboraga kukagera hejuru anyuze gusa mu tuyira dufunganye, duhanamye kandi turuhije kuzamuka. Igihe hari kubaho kuneshwa ingabo ze zashoboraga guhungira muri icyo kidaturwa, aho abantu batahazi batashobora kuzikurikira. {AA 298.1}

Kuko yari yizeye ko ari buneshe, uwo mwami yazanye ingabo nyinshi muri icyo kibaya kirambuye mu gihe amajwi menshi yo gukoba yumvikanaga aturuka kuri ka gacuri hejuru. Kuri ako gacuri hagaragaraga amacumu y’ingabo ibihumbi byinshi ziteguye

kurwana. Abaheburayo babonye icyo gihangange mu bihangange cyasumbaga ingabo zacyo mu gihagararo; babonye ingabo zigikikije kandi bakabona n’igihome cyasaga n’ikitamenerwamo ndetse inyuma yacyo mu mpoma hihishe ibihumbi n’ibihumbi, imitima ya benshi mu Bisiraheli yahinze umushyitsi kubera ubwoba. Ariko Mose we yari atuje kandi akomeye kuko Uwiteka yari yavuze ibyerekeye uwo mwami w’i Bashani ati: “Ntumutinye, kuko mukugabizanyije n’abantu be bose n’igihugu cye; nawe umugirire uko wagiriye Sihoni umwami w’Abamori wa wundi wari utuye i Heshiboni.” {AA 298.2}

Ukwizera kurimo gutuza kw’umuyobozi wabo kwateye abantu kwiringira Imana. Byose babishyize mu maboko y’Imana ishoborabyose, kandi ntiyabatereranye. Ibihangange bikomeye cyangwa imidugudu igoteshejwe ibihome, ingabo zifite intwaro cyangwa ibihome by’amabuye, ibyo byose ntacyashoboraga guhagarara imbere y’Umugaba w’ingabo z’Uwiteka. Uwiteka yayoboye ingabo; agamburuza umwanzi; maze atsinda mu cyimbo cy’Abisiraheli. Umwami w’igihangange n’ingabo ze bararimbutse, maze bidatinze Abisiraheli bigarurira igihugu cyose. Uko niko ubwo bwoko budasanzwe bwari bwarirunduriye mu bibi bikabije no gusenga ibigirwamana bwarimbuwe mu isi. {AA 298.3}

Ubwo bigaruriraga Gileyadi na Bashani, hariho abantu benshi bibutse ibyabayeho mu myaka igera hafi kuri mirongo ine yari ishize bari i Kadeshi, aho Abisiraheli bahuriye n’ingorane nyinshi mu rugendo rurerure rwo mu butayu. Babonye ko amakuru y’abatasi ku byerekeye Igihugu cy’Isezerano yari ay’ukuri mu mpande nyinshi. Imijyi yahoo yari igoteshejwe ibihome kandi kandi ikomeye cyane, ndetse yari ituwe n’ibihangange ku buryo Abaheburayo babigereranyagaho bakabona ari bagufi cyane. Nyamara kandi babashije kubona ko ikosa rikomeye ry’ababyeyi babo ryari ryarabaye iryo kutiringira imbaraga z’Imana. Icyo cyonyine ni cyo cyari cyarababujije kwinjira mu gihugu cy’ibyiza. {AA 298.4}

Igihe biteguraga bwa mbere kwinjira i Kanani, uwo mugambi bawufashe bafite ingorane nke cyane ugereranyije n’icyo gihe. Imana yari yarasezeraniye ubwoko bwayo ko nibwumvira ijwi ryayo, yari kubugenda imbere kaburwanirira; ndetse yagombaga kohereza amavubi imbere yabo akirukana abaturage b’icyo gihugu. Ntabwo ayo mahanga muri rusange yari yaragize ubwoba, kandi nta myiteguro ikomeye yari yarakozwe kugira ngo babangamire kujya mbere kw’Abisiraheli. Ariko noneho ubwo Uwiteka yategekaga Abisiraheli kujya mbere, bagombaga kujya mbere bakarwana n’abanzi bakomeye, ndetse bagahangana n’ingabo nyinshi kandi zatojwe neza zari zariteguye kubasanganira zikabatangira. {AA 298.5}

Mu rugamba rwabo barwana na Ogi na Sihoni, Abisiraheli bahuye n’ikigeragezo nk’icyo ababyeyi babo bari baratsinzwe bikomeye. Ariko noneho ikigeragezo cyari kirushijeho

gukomera kuruta igihe Imana yategekaga Abisiraheli gukomeza bakajya mbere. Ingorane mu nzira banyuragamo zari zariyongereye cyane kuva igihe bangaga gukomeza urugendo bategetswe kubikora mu izina ry'Uwiteka. Uko ni ko na n'ubu Uhoraho agerageza abana be. Iyo bananiwe kwihanganira ikigeragezo, yongera kubagarura ha handi, maze ku nshuro ya kabiri ikigeragezo kindi kikarushaho kubasatira ndetse kikarushaho kuba gikomeye kuruta icyakibanjirije. Ibyo bikomeza kubaho kugeza ubwo bihanganira ikigeragezo, cyangwa se bakomeza kwigomeka, Imana igakura umucyo wayo muri bo maze bagasigara mu mwijima.

{AA 299.1}

Noneho Abaheburayo bibutse uburyo igihe kimwe ubwo ingabo zabo zajyaga ku rugamba, zari ziyobowe maze ingabo ibihumbi byinshi ziricwa. Nyamara icyo gihe bari baragiye banyuranyije rwose n'itegeko ry'Imana. Icyo gihe bari bagiye ku rugamba batajyanye na Mose wari umuyobozi wabo washyizweho n'Imana, ntibari bajyanye na ya nkingi y'igicu yari ikimenyetso cy'uko Imana iri kumwe nabo, ndetse nta n'isanduku y'isezerano bari bajyanye. Nyamara iki gihe cyo Mose yari kumwe nabo agakomeza imitima yabo ababwira amagambo y'ibyiringiro no kwizera; maze Umwana w'Imana wari wikingirije mu nkingi y'igicu abajya imbere, ndetse n'isanduku y'isezerano ijyana n'izo ngabo. Ibyo byabaye bifite icyo bitwigisha. Imana ikomeye y'Abisiraheli ni Imana yacu. Dukwiriye kuyiringira, kandi nitwumvira ibyo idusaba, izadukorera ibikomeye mu buryo butangaje nk'uko yagiriye ubwoko bwayo bwa kera. Umuntu wese ushaka gukurikira inzira yo kumvira, inshuro nyinshi azibasirwa no gushidikanya no kutizera. Rimwe na rimwe inzira izajya ibamo amagorwa, agaragara ko atakwihanganirwa ku buryo azakura umutima abazacika intege; ariko Imana irabwira bene abo ngo, "Mukomeze mujye mbere." Icyo byabasaba cyose nimukore inshingano yanyu. Ingorane zisa n'izikaze cyane ku buryo zuzuza umutima wawe ubwoba zizeyuka uko uzajya ujya mbere mu nzira yo kumvira, wicishije bugufi kandi wiringiye Imana. {AA 299.2}

IGICE CYA 40 — BALAMU

Abisiraheli bamaze kwigarurira Bashani, bagarutse kuri Yorodani. Mu rwego rwo kwitegura guhita bigarurira Kanani, babambye amahema yabo iruhande rw'uruzi rwa Yorodani haruguru rw'aho urwo ruzi rwinjirira mu Nyanja y'Umunyu, ahateganye n'ikibaya cy'i Yeriko. Bari begereye ingabano z'i Mowabu, bityo Abamowabu bashya ubwoba bitewe no kubona abo bigarurira ibihugu babasatiriye. {AA 300.1}

Abaturage b'i Mowabu ntibari barigeze bashotorwa n'Abisiraheli, nyamara bari barabonye ibyari byarabaye mu bihugu bibakikije maze bagira ubwoba. Abaheburayo bari baranesheje Abamori kandi Abamowabu bari barigeze guhunga Abamori. Nanone kandi intara Abamori bari barambuye Abamowabu yari mu maboko y'Abisiraheli. Ingabo z'i Bashani zaneshejwe n'imbaraga idasanzwe yari mu nkingi y'igicu, kandi ibihome bikomeye birebire cyane byari bituwemo n'Abaheburayo. Abamowabu ntibahangaye gutera Abaheburayo kuko guhamagarirwa kubarwanya ntacyo byari kugeraho imbere y'imbaraga ndengakamere zabarwaniriraga. Nyamara nk'uko Farawo yabigenje, biyemeje gukoresha imbaraga z'ubupfumu kugira ngo barwanye umurimo w'Imana. Bityo bashatse uko bavumisha Abisiraheli. {AA 300.2}

Abaturage b'i Mowabu bari bafitanye isano ya bugufi n'Abamidiyani, bahuriye ku bwenegihugu n'imyizerere. Bityo, Balaki, umwami w'Abamowabu yashatse uko yatera ubwoba abakuru b'Abamidiyani kugira ngo bamufashe mu migambi ye yo kurwanya Abisiraheli, bityo abohereza ubutumwa buvuga buti: "Abisiraheli bazamaraho bihugu bidukikije, nk'uko ikimasa kimara ubwatsi aho kirisha." Balamu wari utuye i Mezopotamiya yari azwiho ubushobozi budasanzwe, kandi kuba ikirangirire kwe byari byarageze mu gihugu cy'i Mowabu. Hafashwe umwanzuro wo kumwitabaza ngo abafashe. Bityo rero, "intumwa z'abakuru b'i Mowabu n'ab'i Midiyani,'" zoherejwe gushaka Balamu kugira ngo akoreshe ubushobozi bwe avume Abisiraheli. {AA 300.3}

Izo ntumwa zahise zihaguruka zifata urugendo rurerure zambukiranya imisozi n'ibibaya zerekeza i Mezopotamiya. Zibonye Balamu, zimubwira ubutumwa bw'umwami wabo bugira buti: "Dore, hariho abantu bavuye mu Egiputa, bajimagije igihugu cyose, barantegereje. Nuko ndakwinginze, ngwino, umvumire abo bantu, kuko bandusha amaboko: ahari nzabanesha, tubatsinde, mbirukane mu gihugu; kuko nzi yuko uwo uhesha umugisa awuhabwa, uwo uvuma akaba ikivume." {AA 300.4}

Balamu yari yarigeze kuba umuntu mwiza kandi aba n'umuhanuzi w'Imana; ariko yari yarabaye umuhakanyi maze yirundurira mu byo kwifuza; nyamara yari akivuga yuko ari umugaragu w'Isumbabyose. Ntabwo yari ayobewe ibyo Imana yakoreraga Abisiraheli;

maze ubwo izo ntumwa zavugaga icyazigenzaga, yari azi neza yuko agomba kwanga amaturo ya Balaki kandi agasezerera izo ntumwa. Nyamara yagerageje gukinisha igishuko maze asaba izo ntumwa kugumana nawe iryo joro, avuga ko atabaha igisubizo atabanje kugisha Uwiteka inama. Balamu yari azi yuko umuvumo we nta cyo wajyaga gutwara Abisiraheli. Imana yari ku ruhande rwabo, kandi igihe cyose bari indahemuka kuri yo, nta mbaraga zibarwanya zaba izo ku isi cyangwa ikuzimu zari kubatsinda. Nyamara ubwibone bwe bwogejwe n'amagambo y'izo ntumwa zavugaga ziti: "kuko nzi yuko uwo uhesha umugisha awuhabwa, uwo uvuma akaba ikivume." Ruswa igizwe n'impano z'igiciro cyinshi ndetse no kurangamira kuzahabwa ikuzo byabyukije kwifuza kwe. N'umururumba mwinshi, yemeye ubwo butunzi bamuhaye maze mu gihe yavugaga ko yumvira ubushake bw'Imana adakebakeba, agerageza no kumvira ibyo Balaki yifuzaga. {AA 300.5}

Mu nzizi za nijoro umumarayika w'Imana aza kuri Balamu amubwira ubutumwa buvuga ngo: "Ntujyane na bo, ntuvume aba bantu, kuko bahawe umugisha." {AA 301.1}

Mugitondo, Balamu yasezereye izo ntumwa atanyuzwe, ariko ntiyazibwira icyo Uwiteka yari yavuze. Arakajwe nuko imigambi ye yo kubona indamu n'icyubahiro yari ikomwe mu nkokora bitunguranye, yavuganye akangononwa ati: "Nimwigendere, musubire iwanyu, kuko Uwiteka yanze kunkundira ko tujyana." {AA 301.2}

Balamu "yakunze inyungu zizanwa no gukora ibibi." 2Petero 2:15. Icyaha cyo kwifuza Imana ivuga ko ari ugusenga ibigirwamana, cyari cyaramugize umuntu ujyana n'inyungu z'ibigezweho, kandi binyuze muri iri kosa rimwe Satani yari yaramwigaruriye. Ibi ni byo byamurimbuje. Umushukanyi ahora yerekana inyungu z'iby'isi n'icyubahiro kugira ngo ateshure abantu mu murimo w'Imana. Ababwira ko gushishikarira cyane umurimo bakora ari byo bibabuza kugwiza ubutunzi. Uko ni ko abantu benshi bakururirwa kwishora mu nzira itari iy'ubutungane. Intambwe imwe itewe umuntu agana mu bibi ituma ikurikiyeho yoroha kurushaho, bityo abantu bakarushaho gushidikanya. Igihe bazaba bamaze kwirundurira mu gutwarwa n'umururumba wo gukunda ubutunzi no kwifuza ubutegetsi, bazakora kandi bahangare ibintu bishishana. Abantu benshi birata ko bashobora kuva mu nzira y'ubutungane mu gihe runaka kubwo gushaka inyungu runaka z'iby'isi, maze bakavuga ko igihe bazaba bamaze kugera ku ntego yabo, bazabasha guhindura imikorere yabo igihe bazabishakira. Bene abo baba bishyira mu mutego wa Satani, kandi ntibyoroha ko bawuvamo. {AA 301.3}

Igihe intumwa zabwiraga Balaki ko umuhanuzi yanze kuzana nabo, ntabwo zamumenyesheje ko Imana yari yamubujije. Kubera kwibwira ko gutinda kwa Balamu byari bitewe gusa no gushaka guhabwa impano nyinshi, umwami yohereje ibikomangoma byinshi kurutaho kandi bafite icyubahiro kiruta icy'intumwa yari yohereje mbere, ndetse bafite ububasha bwo kwemerera Balamu icyo yasaba cyose.

Ubutumwa bwihutirwa umwami yoherereje Balamu bwari ubu ngo: “Ntihagire ikikubuza kumwitaba, kuko azagushyira hejuru, akaguha icyubahiro cyinshi, kandi ngo icyo uzamubwira cyose azakigukorera: none ngo ngwino arakwinginze, umuvumire abo bantu.” {AA 301.4}

Ku ncuro ya kabiri, Balamu yongeye kugeragezwa. Kubyo izo ntumwa zari zimusabye, Balamu yabagaragarije ko azirikana cyane ndetse n’ubudahemuka, abahamiriza ko nta zahabu n’ifeza uko byaba bingana kose bishobora kumutera gukora ibihabanye n’ubushake bw’Imana. Ariko yifuzaga cyane gukora ibyo umwami amusabye; kandi nubwo yari yamazwe kumenyeshwa ubushake bw’Imana neza, yasabye izo ntumwa gutinda kugira ngo yongere agishe Imana inama nk’aho Imana ihoraho ari umuntu ku buryo yahendahendwa ikemera ibyo itashakaga. {AA 301.5}

Mu nzozi za nijoro Uwiteka yabonekeye Balamu maze aramubwira ati: “Ubwo aba bantu baje kuguhamagara, uhaguruke, ujyane nabo; ariko icyo nzajya ngutegeka, azabe ari cyo ukora.” Uko ni ko Uwiteka yemereye Balamu gukora ibyo ashaka kuko yari yamaze kubyiyemeza. Ntabwo yashakaga gukora ibyo Imana ishaka, ahubwo yahisemo gukora ibyo yishakira maze ashaka uburyo Uwiteka yabimwemerera. {AA 301.6}

Muri iki gihe hari abantu ibihumbi byinshi bakora nka Balamu. Basobanukirwa inshingano yabo nta mbogamizi igihe gusa ihuje n’ibyifuzo byabo. Iyo nshingano yashyizwe imbere yabo neza muri Bibiliya cyangwa se ikagaragazwa neza n’ibibabaho ndetse n’inyurabwenge. Ariko kubera ko ibyo bihamya biba bihabanye n’ibyifuzo byabo n’ibyo barangamiye, akenshi barabyirengagiza maze bakiyobagiza bagajya kubaza Imana ibyerekeye inshingano yabo. Baba babizirikana cyane nyamara bagasenga igihe kirekire kandi bashishikaye basaba guhabwa umucyo. Nyamara ntabwo Imana izigera ikinishwa. Akenshi yemerera abantu nk’abo gukurikiza ibyifuzo byabo no kugerwahon’ingaruka zabyo. “Maze ubwoko bwanjye ntibwumviye ijwi ryanjye; … Nanjye ndabareka, ngo bakurikize kunangirwa kw’imitima yabo.” (Zaburi 81:11,12). Igihe umuntu umwe asobanukuwe asobanukiwe inshingano neza, ntakiyoberanye ngo ajye imbere y’Imana asaba ko itamuhora kutayikora. Ahubwo, n’umutima wicisha bugufi kandi wumvira, yari akwiriye gusaba imbaraga n’ubwenge bikomoka ku Mana kugira ngo akore iby’iyo nshingano. {AA 302.1}

Abamowabu bari ubwoko bwataye imico mbonera kandi busenga ibigirwamana; nyamara ukurikije umucyo bari barahawe, icyaha cyabo nticyari gikomeye mu maso y’Imana nk’icya Balamu. Kubwo kuvuga ko ari umuhanuzi w’Imana, ibyo yashoboraga kuvuga byose byari kwitirirwa ko byavuzwe n’Imana. Kubw’ibyo rero, ntabwo yemerewe kuvuga uko ashaka, ariko yagombaga gutanga ubutumwa Imana yari kumuha. Imana yaramutegetse iti: “Ariko icyo nzajya ngutegeka, azabe ari cyo ukora.”

{AA 302.2}

Balamu yari yahawe uburenganzira bwo kujyana n'intumwa zivuye i Mowabu ubwo zari kuza kumuhamaraga mu gitondo. Ariko izo ntumwa zirambiwe no gutinda kwe kandi ziteze ko arongera kuzangira kujyana nazo, zafashe urugendo zerekeza iwabo zitongeye kumuvugisha. Urwitwazo rwose rwo gukora ibyo Balaki yari yamusabye noneho rwari rwakuweho. Ariko Balamu yari yiyemeje kubona ibihembo; maze yurira indogobe yari amenyereye kugendaho afata urugendo. N'icyo gihe yatinyaga ko uburenganzira yahawe n'Imana bushobora gukurwaho, maze afumyamo, atinya ko hari impamvu yatuma atabona ibihembo ararikiye. {AA 302.3}

Ariko "marayika w'Uwiteka ahagarikwa mu nzira no kumutangira." Iyo ndogobe yabonye intumwa y'Imana itarabonwaga n'umuntu maze ica ku ruhande ijya mu gisambu. Balamu ayigarura mu nzira ayikubita cyane, ariko na none umumarayika arongera ahagarara mu nzira ahantu h'impatanwa. Iyo ndogobe yagerageje guhunga uwayitangiraga maze ihonyorera ikirenge cya shebuja ku muhora. Balamu ntiyabonaga ko umumarayika w'Imana yamwitambitse imbere, kandi ntiyari azi ko Imana yamufungiye inzira. Balamu yararakaye maze akubita indogobe ye atayibabarira, ashaka yuko ikomeza kugenda. {AA 302.4}

Na none, umumarayika yongeye guharagarara "mu mpatanwa, hatari umwanya wo gukebereza iburyo cyangwa ibumoso," kandi ateye ubwoba nka mbere maze ya ndogobe ihinda umushitsi kubera ubwoba bwinshi, irahagarara, iryama hasi igihetse shebuja. Umujinya wa Balamu urenga igaruriro maze ahondagura iyo ndogobe cyane kuruta mbere. Noneho Imana ibumbura akanwa k'iyo ndogobe maze, 'ahanwa ubugome bwe, ubwo indogobe itavuga yavugaga ijwi ry'umuntu, ikabuza ibisazi by'uwo muhanuzi." (2 Petero 2 :16). Indogobe yaramubwiye iti : "Umpoye iki, kunkubita aka gatatu?' Arakajwe cyane no kuba abangamiwe ntakomeze urugendo rwe, Balamu yasubije iyo ndogobe nk'uko yasubiza ikiremwa gifite ubwenge ati: "Nguhoye kunsuzugura. Kutagira inkota mu ntoki! Mba nakwishe." Aho niho uwiyitaga umupfumu yari, ari mu nzira agiye kuvuma Abisiraheli bose agamije kubaca intege mu gihe atari afite n'imbaraga zo kwica indogobe yari imuhetse! {AA 302.5}

Noneho amaso ya Balamu yarahumutse maze abona umumarayika w'Imana ahagaze akuye inkota yiteguye kumwica. Afite ubwoba "arunama, yikubita hasi yubamye." Umumarayika aramubwira ati: "Ukubitiye iki indogobe yawe aka gatatu? Dore, nzanywe no kugutangira; kuko mbonye uca mu nzira ijyana kurimbuka. Indogobe yambonye ikebanukira imbere yanjye ka gatatu: iyo idakebanuka ngo itanyegera, simba mbuze kukwica nkayikiza." {AA 303.1}

Balamu yakijijwe n'iryo tungo yari yagiriye nabi cyane. Umugabo wavugaga yuko ari umuhanuzi w'Uwiteka kandi wavugaga ko areba, kandi ko yeretswe n'Ishoborabyose,

yari yarahumishijwe bikabije no kurarikira no gushaka ibyubahiro ku buryo atashoboraga guhweza ngo abone umumarayika w'Imana wabonwaga n'itungo rye. "imana mbi y'ab'iki gihe yabahumye imitima, . . ." (2 Abakorinto 4:4). Ni bangahe bahinduwe impumyi muri ubwo buryo! Bihutira kunyura mu nzira zibuzanyijwe, bakica amategeko y'Imana, kandi ntibashobora kubona ko Imana n'abamarayika bayo batari ku ruhande rwabo! Nka Balamu, barakarira abababuza kurimbuka. {AA 303.2}

Binyuze ku buryo yakubitaga indogobe ye, Balamu yari yatanze igihamya kigaragaza umwuka wamuyoboraga. "Umukiranutsi yita ku matungo ye, ariko imbabazi z'umunyabyaha ni umwaga" (Imigani 12:10). Abantu bake ni bo basobanukirwa n'icyaha cyo kugirira amatungo nabi cyangwa icyo kutayitaho akamererwa nabi. Uwaremye umuntu ni we waremye n'amatungo, kandi "imbabazi ze ziri ku byo yaremye byose." (Zaburi 145:9). Amatungo yaremewe gukorera umuntu, ariko nta burenganzira afite bwo kuyababaza ayagirira nabi. {AA 303.3}

Icyaha cy'umuntu ni cyo gituma "ibyaremwe byose binihira hamwe bikaramukirwa hamwe." (Abaroma 8:22). Uko ni ko umubabaro n'urupfu byageze ku muntu no ku nyamaswa. Bityo rero, umuntu ni we ugomba gushaka uko yakoroshya umubabaro icyaha cye cyazaniye ibiremwa by'Imana aho kuwongera. Umuntu uzagirira amatungo nabi bitewe n'uko ayategeka azaba ari ikigwari n'umunyagitugu. Umwuka wo kubabaza baba bagenzi bacu cyangwa amatungo n'inyamaswa ukomoka kuri Satani. Abantu benshi ntibamenya ko ubugizi bwa nabi bwabo buzigera bumenyekana, kubera ko amatungo yarushye kandi atavuga adashobora kubivuga. Ariko iyaba amaso y'abo bantu yahwezaga nk'aya Balamu, babona umumarayika w'Imana ahagaze nk'umugabo wo kubashinja ibyo bakoze mu nkiko zo mu ijuru. Ibikorwa nabo bigezwa mu ijuru, kandi umunsi ugiye kuza ubwo abagirira ibiremwa by'Imana nabi bazacirirwa urubanza. {AA 303.4}

Ubwo yabonaga umumarayika w'Imana, Balamu yaravuganye ubwoba ati: "Nakoze icyaha, kuko nari ntazi yuko uhagaritswe mu nzira no kuntangira: nuko niba ureba ko ari bibi, reka nsubireyo." Uwiteka yaramuretse ngo akomeze urugendo rwe, ariko yamusobanuriye ko amagambo ye agomba kuyoborwa n'imbaraga z'Imana. Imana yagombaga kwereka Abamowabu ko Abaheburayo barinzwe n'Ijuru, kandi ibyo yabikoze igihe yaberekaga uburyo Balamu nta bushobozi yari afite bwo kubavuma atabyemerewe n'Imana. {AA 304.1}

Umwami w'Abamowabu amenye yuko Balamu ari hafi kugera iwe, yagiye kumusanganira ari kumwe n'abakomeye bo mu bwami bwe. Umwami amubwiye yuko bimutangaje kubona uburyo yatinze kandi hari ibihembo by'agaciro kenshi byari bimutegereje, uwo muhanuzi Balamu yaramusubije ati: "[...] hari ijambo na rimwe nshobora kuvuga ubwanjye? Ijambo ry'Imana izashyira mu kanwa kanjye, ni ryo

nzavuga.” Balamu ababazwa cyane nuko atari afite uburenganzira bwo kwikorera ibyo ashaka; yari afite ubwoba yuko urnugambi we utajyaga gusohozwa kubera ko imbaraga imugenga y’Uwiteka iri kuri we. {AA 304.2}

Umwami n’abatware b’icyo gihugu baherekeza Balamu bamuzamura ku musozi witwa “Bamotibali,” aho yashoboraga kwitegereza ingabo z’Abaheburayo. Nimwitegereze umuhanuzi uko yari ahagaze ku kanunga, yitegeye inkambi y’ubwoko bw’Imana bwatoranyijwe. Mbega ukuntu Abisiraheli batari bazi ibyaberaga hafi yabo! Mbega ukuntu batari bazi uburinzi bw’Imana yabarindishaga ku manywa na nijoro! Mbega uburyo intekerezo z’ubwoko bw’Imana zitari zisobanukiwe! Mbega uburyo mu bihe byose batihutiraga gusobanukirwa urukundo rw’Imana ruhebuje n’imbabazi zayo! Iyo babasha gusobanukirwa n’imbaraga itangaje y’Imana yahoraga ibagaragarira, mbese imitima yabo ntiyari kuzuramo gushima urukundo rwayo kandi bagasabwa n’umunezero kubwo gutekereza igitinyiro cyayo n’imbaraga zayo? {AA 304.3}

Balamu yari azi ibyerekeye ibitambo by’Abaheburayo, kandi yiringiraga yuko nasumbyaho akoresheje impano z’igiciro cyinshi azashobora kubona umugisha w’Imana kandi akabasha gusohoza imigambi ye yo gukiranirwa. Uko ni ko imyumvire y’Abamowabu basengaga ibigirwamana yigaruriraga intekerezo ze. Ubwenge bwe bwari bwahindutse ubupfapfa; imirebere ye mu bya Mwuka yari yabudikiwe n’igihu; yari yikururiye ubuhumyi kubwo kwiyegurira imbaraga ya Satani. {AA 304.4}

Balamu yatanze amabwiriza maze hubakwa ibicaniro birindwi, maze kuri buri gicaniro ahatambira igitambo. Nyuma y’ibyo ajya mu “mpinga” kuvugana n’Imana, asezeranira Balaki kumubwira ibyo Imana yari kumuhishurira byose. {AA 304.5}

Umwami n’abatware n’ibikomangoma by’i Mowabu bahagaraye iruhande rw’icyo gitambo, bakikijwe n’imbaga y’abantu bafite amatsiko, bategereje ko uwo muhanuzi agaruka. Arashyira araza, maze abantu bategereza ko avuga amagambo yo guca intege burundu imbaraga idasanzwe yakoraga ibikomeye ku ruhande rw’ubwoko bwa Isiraheli bangaga. Balamu yaravuze ati: {AA 304.6}

“Mu Aramu ni ho Balaki yankuye,

Umwami w’i Moabu yankuye mu misozi y’iburasirazuba.

Ati: ‘Ngwino umvumire ubwoko bwa Isirayeli.’ Navuma nte ab’Imana itavumye?

Kandi narakarira nte abo Imana itarakariye? Kuko nitegeye ubwo bwoko ndi hejuru y’ibitare,

Nkabwitegera ndi mu mpinga z’imisozi.

Dore ni ubwoko butura kwabwo,

Ntibuzabarwa mu mahanga.

Ni nde ubasha kubara umukungugu w’ubwoko bwa Yakobo?

Cyangwa ni nde ubasha kubara igice cya kane cy’Abisirayeli?

Icyampa nkipfira nk’uko abakiranutsi bapfa,

Iherezo ryanjye rikaba nk’iryabo!” {AA 304.7}

Balamu yavuze ko yaje afite umugambi wo kuvuma Abisiraheli, ariko amagambo yavuze yari ahabanye n’intekerezo zari mu mutima we. Yahatiwe gutanga umugisha mu gihe intekerezo ze zari zuzuye umuvumo. {AA 305.1}

Ubwo Balamu yarebaga aho Abisiraheli bari baganditse yatangajwe no kubona uko bari bakize. Yari yabwiwe ko ari imbaga y’abantu b’abanyamahane, badafite gahunda, bateye igihugu ari uduco tw’ingegera twari icyorezo n’ibyago ku mahanga yari abakikije; ariko uko yababonye byari bihabanye n’ibyo yabwiwe. Yabonye uburyo inkambi yabo yari nini kandi iri kuri gahunda y’indakemwa, ikintu cyose kigaragara ko gitunganye nta kajagari. Yeretswe uko Imana yitaga ku Bisiraheli mu buryo bw’umwihariko, kandi abona n’imico yabo idasa n’iy’abandi kuko bari ubwoko Imana yitoranyirije. Ntibagombaga kureshya n’andi mahanga, ahubwo bagombaga gushyirwa hejuru yayo yose. “Dore ni ubwoko butura ukwabwo, ntibuzabarwa mu mahanga.” Igihe ayo magambo yavugwaga, Abisiraheli ntibari bafite aho batuye hadahinduka, kandi Balamu ntiyari amenyereye imico yabo yihariye, imigenzereze yabo n’imigenzo byabo. Nyamara kandi mbega uko ubwo buhanuzi bwasohoye mu buryo bukomeye mu mateka yakurikiyeho y’Abisiraheli! Mu myaka yose bagiye bamara barigaruriwe n’andi mahanga, mu myaka yose babaga baratatanyirijwe hirya no hino, bakomeje kuba ubwoko butandukanye n’andi. Uko ni ko ubwoko bw’Imana (Isiraheli nyakuri) nubwo butataniye mu mahanga yose, bari ku isi ariko ni abimukira kuko gakondo yabo iri mu ijuru. {AA 305.2}

Ntabwo Balamu yeretswe gusa amateka y’ubwoko bw’Abaheburayo nk’ishyanga, ahubwo yanabonye ukwiyongera no kugubwa neza kwa Isiraheli nyakuri y’Imana kugeza ku mperuka y’ibihe. Yabonye umugisha udasanzwe Isumbabyose aha abayikunda kandi bakayubaha. Yababonye bashyigikiwe n’ukuboko kwayo ubwo binjiraga mu gikombe cyijimye cy’igicucu cy’urupfu. Yababonye kandi bava mu bituro byabo, batamirijwe ikuzo, icyubahiro no kudapfa. Yabonye abacunguwe bishimira ubwiza budashira bw’isi izaba yahinduwe nshya. Balamu yitegereje ibyo yaravuze ati: “Icyampa nkipfira nk’uko abakiranutsi bapfa, iherezo ryanjye rikaba nk’iryabo!” {AA 305.3}

Iyo Balamu aza kuba yiteguye kwemera umucyo Imana yari yatanze, icyo gihe aba

yaravugishije ukuri; aba yarahise aca umushyikirano wose yagiranaga n'Abamowabu. Ntabwo yari gukinisha imbabazi z'Imana, ahubwo aba yarayigarukiye afite kwihana kuvuye ku mutima. Ariko Balamu yakunze ibihembo bivuye ku gukora ibibi kandi yari yiyemeje rwose kubibona. {AA 305.4}

Balaki yari yishimye yiteguye kumva umuvumo ugwa ku Bisiraheli, ariko yumvise amagambo y'umuhanuzi Balamu yavuganye ikiniga ati: "Ungenje ute? Nakuzaniye kuvuma ababisha banjye, none ubahesheje umugisha musa?" Balamu yavuze ko avuga akurikije ubushake bw'Imana kandi ko yavuze amagambo Imana yari yamushyize mu kanwa. Yarasubije ati: "Ibyo Uwiteka ashyize mu kanwa kanjye, sinkwiriye kwirinda, akaba ari byo mvuga?" {AA 305.5}

N'igihe Balamu yari kumubwira atyo, Balaki ntiyateshutse ku mugambi we. Yibwiye ko kuba Balamu yitegereje iyo nkambi y'akataraboneka Abaheburayo bari bakambitsemo ari byo byateye Balamu ubwoba maze ntatinyuke kubavuma. Umwami yiyemeje kujyana uwo muhanuzi aho babonaga gusa agace gato k'izo ngabo. Iyo Balamu aza kwemezwa akajya avuma uduce duto duto tw'inkambi y'Abisiraheli, bidatinze inkambi yose yari kurimbuka. Bongeye kujya ku kanunga kitwa Pisiga basaba Balamu kongera kuvuma Abisiraheli. Nanone bubatse ibicaniro birindwi, batambiraho ibitambo nk'ibya mbere. Umwami n'abatware be basigaye hafi y'ibitambo mu gihe Balamu yigiye hirya ukwe kugira ngo avugane n'Imana. Umuhanuzi Balamu yongeye guhabwa ubutumwa buvuye ku Mana, kandi ntiyari afite ububasha bwo kubuhindura cyangwa kutabuvuga. {AA 306.1}

Ubwo yari agarutse kuri abo bari bamutegereje, baramubajije bati: "Uwiteka avuze iki?" Igisubizo cyateye ubwoba mu mutima w'umwami n'abatware: {AA 306.2}

"Imana si umuntu ngo ibeshye,

Kandi si umwan w'umuntu ngo yicuze.

Ibyo yakoze, no kubikora izabikora ?

Dore, nategetswe kubahesha umugisha;

Na yo yawubahaye, simbasha kuwukura.

Ntibonye gukiranirwa k'ubwoko bwa Yakobo,

Ubugoryi ntibubonye ku Bisirayeli:

Uwiteka Imana iri kumwe na bo,

Ni umwami wabo, bayivugiriza impundu." {AA 306.3}

Balamu atangajwe n’ibyo yahishuriwe yaravuze ati: «Nta kuragura kuri mu bwoko bwa Yakobo, nta bupfumu buri mu Bisirayeli. » Uwo mupfumu ukomeye yari yagerageje gukoresha ubushohozi bwe bw’ubupfumu akurikije ibyifuzo by’Abamowabu, ariko icyo gihe byajyaga gushoboka ko Abisiraheli bavugwaho ngo : « Dore ibyo Imana yakoreye Abisirayeli!» Mu gihe Abaheburayo barindwaga n’Imana, nta bantu cyangwa ishyanga byajyaga gushobora kubakoma imbere nubwo baba bafashijwe n’imbaraga zose za Satani. Isi yose ikwiriye gutangazwa n’imirimo itangaje Imana ikorera ubwoko bwayo. Kubona uko umuntu wari wiyemeje gukora ibibi yaragenderewe n’imbaraga y’Imana bityo aho kuvuga imivumo, akavuga amasezerano meza kandi y’agahozo akoresheje imvugo nziza cyane y’ubusizi. Nanone kandi iyi neza Imana yagaragarije Abisiraheli kiriya gihe, yagombaga kwereka abana bayo bayumvira kandi b’indahemuka b’ibihe byose ko icyo ari igihamya cy’uburinzi bwayo. Satani aramutse ahanze mu bantu babi kugira ngo bavuge ubwoko bw’Imana nabi, babugirire nabi kandi baburimbure, ubwoko bw’Imana bukwiriye kwibuka ibyo byabaye [mu gihe cya Balamu], kandi bikwiriye gukomeza ubutwari bwabo no kwizera Imana kwabo. {AA 306.4}

Umwami w’Abamowabu, yihebye kandi ababaye yaravuze ati: Ntubavume na hato, ntubaheshe umugisha na muke.” Nyamara yari agifite icyizere gike mu mutima we maze yiyemeza kongera kugerageza. Noneho yajyanye Balamu mu mpinga y’umusozi Pewori, ahari urusengero rwakorerwagamo imihango mibi yo kuramya Bali, ikigirwamana cyabo. Aho na ho bahubatse ibicaniro bingana n’ibya mbere kandi bahatambira ibitambo nk’ibya mbere; ariko noneho Balamu agiye kubaza Imana ubushake bwayo ntiyagenda wenyine nk’uko ikindi gihe byari byagenze. Nta bintu by’ubupfumu yagerageje, ahubwo yahagaze iruhande rw’ibicaniro, yerekeza amaso ye ku mahema y’Abisiraheli. Mwuka w’Imana yongeye kumuzaho maze avuga aya amagambo avuye ku Mana ati: {AA 306.5}

“Erega amahema yawe ni meza, wa bwoko bwa Yakobo we.

Ubuturo bwawe ni bwiza, wa bwoko bwa Isirayeli we.

Burambuye nk’ibikombe, nk’imirima y’uburabyo yegereye uruzi,

Nk’imisaga Uwiteka yateye, nk’imyerezi imeze iruhande rw’amazi.

Amazi azatemba avuye mu ndobo z’ubwo bwoko,

Urubyari rwabo ruzaba aho amazi menshi ari.

Umwami wabwo azasumba Agagi,

Ubwami bwabwo buzashyirwa hejuru. . .

Bwarabunze, buryama nk’intare y’ingabo,

Nk’intare y’ingore bwavumburwa na nde?

Uzakwifuriza umugisha wese awuhabwe,

Uzakuvuma wese avumwe.” {AA 307.1}

Kugubwa neza k’ubwoko bw’Imana ahangaha kugararazwa hifashishijwe ibyiza bihebuje ibindi biboneka mu byaremwe. Umuhanuzi yagereranyije Abisiraheli n’ibibaya birumbuka cyane; abagereranya n’ubusitani bwiza buvomererwa n’amasoko adakama; abugereranya kandi n’ibiti by’imyerezi n’amasederi. Ikigereranyo cyavuzwe ubuheruka ni kimwe mu bigereranyo byiza cyane kandi bikwiriye biboneka mu Ijambo ry’Imana. Amasederi y’i Lebanoni yubahwaga n’abaturage bose b’iburasiravuba. Ubwoko bw’ibiti amasederi abarizwamo biboneka ahantu hose umuntu yageze ku isi yose. Ibyo biti bimera haba mu turere tw’impera y’isi ya ruguru, mu turere dushyuha cyane n’udukonja; bigakura mu nkombe z’imigezi, nyamara kandi n’ahumutse h’ubutayu birahakura bikaba inganzamarumbu. Ibi biti bishora imizi yabyo hasi kure cyane mu bitare byo mu misozi bityo bikabasha kwihanganira imiyaga ya serwakira. Ibibabi byabyo biba bitoshye kandi ari icyatsi n’igihe ibindi byose biba byahungutse mu mpeshyi. Amasederi y’i Lebanoni arusha ibindi biti byose kuba akomeye kandi adapfa kubora; kandi ibi bikoreshwa nk’ikigereranyo cy’abantu bafite ubuzima “buhishanwe na Kristo mu Mana.” (Abakolosayi 3:3). Ibyanditswe biravuga biti: “Umukiranutsi azashisha nk’umukindo, azashyirwa hejuru nk’umwerezi w’i Lebanoni.” (Zaburi 92:12). Ukuboko kw’Imana kwahaye ikuzo amasederi nk’umwami w’ibindi biti. “Imyerezi yo muri iyo ngobyi y’Imana ntabwo yabashaga kuwuhisha; imiberoshi ntiyareshyaga n’amahage yawo …” (Ezekiyeli 31:8). Isederi ikoreshwa kenshi nk’ikimenyetso cy’ubwami, kandi uko isederi rikoreshwa mu Byanditswe mu kugaragaza ubutungane byerekana uburyo Ijuru rifata abantu bakora ibyo Imana ishaka. {AA 307.2}

Balamu yahanuye ko umwami wa Isiraheli azakomera kurusha Agagi. Iryo ni izina ryahabwaga abami b’Abamaleki. Abamaleki bari ishyanga rikomeye cyane muri icyo gihe, ariko iyo Abisiraheli babaga indahemuka ku Mana, baneshaga abanzi babo bose. Umwami w’Abisiraheli yari Umwana w’Imana; kandi umunsi umwe intebe ye y’ubwami yari gushingwa ku isi, ndetse ububasha bwe bugasumba ubwami bwose bw’isi. {AA 307.3}

Ubwo Balaki yumvaga amagambo y’ubuhanuzi, yatunguwe no kubura ibyo yari yiringiye, agira ubwoba kandi azabiranywa n’uburakari. Yarakajwe n’uko Balamu atamwijeje nibura na gato yuko ibyo yifuzaga byajyaga gutungana, ubwo ibintu byose byari bigiye kumuhindukirana. Yahinyuye ibyo uwo muhanuzi yari yavuze maze abonye ko nta cyo bimumariye, avugana umujinya ati: “Nuko none mpungira iwawe. Nashakaga kugushyira hejuru nkaguha icyubahiro cyinshi; none Uwiteka yakubujije icyubahoro.” Igisubizo cyari uko umwami yari yaraburiwe mbere ko Balamu azavuga

gusa ibyo Imana imuhaye. {AA 307.4}

Mbere yuko asubira iwabo, Balamu ubuhanuzi bwiza bw'ingenzi bwerekeye Umucunguzi w'isi n'irimburwa riheruka ry'abanzi b'Imana agira ati: {AA 308.1}

"Ndamureba, ariko si ubu;

Ndamwitegereza, ariko ntandi bugufi.

Inyenyeri izakomoka mu bwoko bwa Yakobo,

Inkoni y'ubwami izaboneka itururutse mu bwoko bwa Isirayeli,

Izagiriza inkiko z'i Mowabu,

Izatsinda hasi Abasheti bose. {AA 308.2}

Yarangije ahanura kurimbuka kudasubirwaho kw'i Mowabu na Edomu, ukwa Abamaleki n'Abakeni, n'uko ntiyasigira umwami w'Abamowabu ibyiringiro na bike. Akozwe n'isoni nuko atari akibonye ubutunzi n'icyubahiro yari yiringiye guhabwa, kandi azi neza ko atari yanejeje Imana, Balamu yasubiye iwabo avuye mu butumva yari yiyoherejemo. Amaze kugera iwe, imbaraga ya Mwuka w'Imana yamuyoboraga yamyvuyemo, maze kwifuza kwe kongera kuganza. Yari yiteguye gukoresha uburyo bushoboka bwose kugira ngo abone ibihembo Balaki yari yasezeranye. Balamu yari azi ko gutunganirwa kw'Abisiraheli kwaterwaga no kumvira Imana kwabo kandi ko nta bundi bwajyaga gutuma barimbuka uretse kubashuka bagakora icyaha. Noneho yashatse kugirira Balaki neza akoresheje kugira inama Abamowabu ibyo bagomba gukora kugira ngobateze Abisiraheli umuvumo. {AA 308.3}

Yahereyeko asubira mu gihugu cy'i Mowabu maze abwira umwami imigambi ye. Abamowabu ubwabo bari bazi neza ko igihe cyose Abisiraheli bakiri indahemuka ku Mana, yari kubabera ingabo ibakingira. Inama Balamu yatanze yari iyo gutandukanya Abisiraheli n'Imana akoreshe kubagusha mu gusenga ibigirwamana. Iyo bashorwa mu mihango ya gipagani yo kuramya Bali na Ashitaroti, Umurinzi wabo ushobora byose yagombaga guhinduka umwanzi wabo, maze bidatinze bakamarwa n'amahanga y'abagome kandi bamenyereye intambara yari abakikie. Umwami yemeye uwo mugambi n'ubwira bwinshi kandi Balamu ubwe aguma aho kugira ngo abafashe kuwushira mu bikorwa. {AA 308.4}

Balamu yabonye uko umugambi we mubisha wageze ku byo yashakaga. Yabonye umuvumo w'Imana ugera ku bwoko bwayo, kandi kubw'iteka ryayo, abantu ibihumbi byinshi barapfa; ariko ubutabera bw'Imana bwahanye icyaha mu Bisiraheli ntibwaretse aba bashukanyi ngo barokoke. Mu ntambara Abisiraheli barwanaga n'Abamidiyani Balamu yarishwe. Yari yarivumvisemo ko iherezo rye ryari ryegereje ubwo yavugaga ati:

{AA 308.5}

“Icyampa nkipfira nk’uko abakiranutsi bapfa, iherezo ryanjye rikaba nk’iryabo!” Nyamara ntiyahisemo kugira imibereho y’abakiranutsi; bityo iherezo rye ryabaye nk’iry’abanzi b’Imana.

{AA 308.6}

Iherezo rya Balamu ryabaye nk’irya Yuda, kandi imico yabo bombi yarasaga. Abo bagabo bombi bagerageje gufatanya gukorera Imana n’ubutunzi, maze batsindwa burundu. Balamu yari azi Imana nyakuri, kandi yavugaga ko ayikorera. Yuda nawe yizeraga ko Yesu ari Mesiya kandi yari yarifatanyije n’abayoboke be. Ariko Balamu yifuje gukoresha umurimo ngo awugire inzira yo kwibonera ubutunzi n’icyubahiro cyo ku isi, kandi ibyo ananiwe kubigeraho, yarasitaye, aragwa maze aravunika. Yuda yibwiraga ko kubana na Kristo bizamuhesha ubutunzi n’umwanya ukomeye muri ubwo bwami bwo ku isi yizeraga ko Mesiya yenda gushyiraho. Kubura ibyo yari yiringiye byamujyanye mu buhakanyi no kurimbuka. Balamu na Yuda bari barakiriye umucyo ukomeye kandi bari baragize amahirwe adasanzwe, ariko icyaha kimwe biziritseho cyahumanyije imico yabo yose maze kibatera kurimbuka. {AA 308.7}

Kwemerera imico itari iya Gikristo kuba mu mutima, ni ikintu giteza akaga. Icyaha kimwe kigundiriwe, buhoro buhoro, kizonona imico, maze gitume imbaraga zayo zikomeye zigengwa n’icyifuzo kibi. Gukura mu ntekerezo icyazirindaga kimwe, kwimika ingeso mbi imwe, kwirengagiza nibura incuro imwe icyo inshingano ufite igusaba, ibyo bisenya uburinzi bw’ubugingo maze bigakingurira Satani inzira yo kwinjira bityo akatuyobya. Inzira imwe rukumbi y’amahoro, ni ugusenga buri munsi tubikuye ku mutima nk’uko Dawidi yabigenzaga ati: “Intambwe zanjye zikomerera mu nzira zawe, ibirenge byanjye ntibinyerera.” Zaburi 17:5. {AA 309.1}

IGICE CYA 41 - UBUHAKANYI BWABEREYE KURI YORODANI

Bafite imitima yuzuye umunezero no kwizera Imana kuvuguruye, ingabo z'Abisiraheli zaneshaga zari zivuye i Bashani. Zari zamaze kwigarurira akarere keza kandi zari zifite icyizere cyo guhita zigarurira Kanani. Hagati yabo n'icyo Gihugu cy'Isezerano, hari uruzi rwa Yorodani gusa. Hakurya y'urwo ruzi hari ikibaya kirumbuka, cyaneshwaga n'utugezi twavaga mu masoko y'amazi menshi kandi ibiti by'imikindo ni byo byaharindaga izuba. Ku rubibi rw'iburengerazuba bw'icyo kibaya hari hubatswe iminara n'ingoro z'i Yeriko, yari ikikijwe n'ibiti byinshi by'imikindo ku buryo byatumaga witwa "umujyi w'imikindo." {AA 310.1}

Mu ruhande rw'iburasirazuba rw'uruzi rwa Yorodani, hagati y'uruzi n'imisozi bambukiranyaga, naho hari ikibaya kigari kandi kirambuye gikurikiye inkengero z'urwo ruzi. Icyo kibaya gitwikiriwe n'ibiti cyari gifite amahumbezi; kirimo ibiti byinshi byitwa imishitimu bigatuma icyo kibaya cyitwa, "Ikibaya cya Shitimu." Aho ni ho Abisiraheli babambye amahema maze babona uburuhukiro bwiza mu biti byaho. {AA 310.2}

Ariko nubwo bari bakikijwe n'ahantu heza, bahahuriye n'icyago cyabaguye nabi cyane kurusha ingabo zikomeye zifite intwaro cyangwa inyamaswa zo mu gasozi zabonekaga mu butayu. Icyo gihugu cyari gikungahaye ku mutungo kamere, cyari cyarandujwe n'abaturage bacyo. Iyo baramyaga Bali mu ruhame, ibyaha bikomeye biri hanyuma y'ibindi kandi by'urukozasoni byakorwaga ku mugaragaro. Mu mpande zose habaga hari ahantu hagenewe gusengerwa ibigirwamana no kuhakorera ubusambanyi bw'indengakamere, kandi amazina yaho yagaragazaga ububi no kwangirika kw'imico by'abaturage baho. {AA 310.3}

Iyo mibereho y'abantu bari bakikije Abisiraheli yarabanduje. Imitima yabo yamenyereye ibitekerezo bibi byahoraga bibageraho; imibereho yabo yo kudamarara no kudakora ibyara ingaruka zayo mbi; kandi buhoro buhoro batabizi bagenda batandukana n'Imana kandi bagera aho bashoboraga kugwa mu bishuko mu buryo bworoshye. {AA 310.4}

Igihe bari babambye amahema yabo ku nkengero za Yorodani, Mose yateguraga uburyo bwo kwigarurira Kanani. Uwo muyobozi ukomeye yari ahugiye muri uwo murimo; ariko ku bantu bo icyo gihe cyo gutegereza cyababereye ikigeragezo gikomeye cyane, kandi hatarashira ibyumweru byinshi amateka yabo yari yamaze kwanduzwa no gutandukana n'ukuri n'ubutungane mu buryo buteye ubwoba.

{AA 310.5}

Bigitangira habyeho gusambana kw’Abisiraheli n’abapagani bari baturnye, ariko nyuma y’igihe gito abagore b’Abamidiyanikazi batangira kuza mu nkambi y’Abisiraheli rwihishwa. Kuza kwabo ntikwateye gukangarana, maze buhoro buhoro imigambi yabo igendaigerwaho ku buryo Mose atamenye icyo kibazo. Mu kwifatanya n’Abaheburayo, abo bagore bari bafite umugambi wo kubashuka ngo babagushe mu cyaha cyo kwica amategeko y’Imana, kandi babarehereze gukora imihango n’imigenzo bya gipagani , bityo babashore mu gusenga ibigirwamana. Iyo migambi yari ihishwe bikomeye itwikirijwe ubucuti ku buryo batashoboraga gukekwa, haba n’abari bashinzwe kurinda abantu. {AA 310.6}

Biturutse ku nama yari yatanzwe na Balamu, umwami w’Abamowabu yakoresheje ibirori bikomeye cyane byo kuramya imana zabo, kandi byari byateguwe rwihishwa ko Balamu ashuka Abisiraheli bakajyayo. Abisiraheli bamufataga ko ari umuhanuzi w’Imana, ku buryo kugera ku migambi ye bitamugoye cyane. Abantu benshi cyane bajyanye nawe muri ibyo birori. Bishoye ku rubuga rwabuzanyijwe, bityo bishyize mu mutego wa Satani. Bashutswe n’umuzika no kubyina, kandi bakuruwe n’uburanga bw’abakobwa b’abapagani maze bazibukira kuba indahemuka kuri Yehova kwabo. Ubwo bishoraga mu bitwenge no kuvuyarara, inzoga zateye igihu mu bwenge bwabo maze zisenya inzitiro zo kwitegeka. Bari batwawe n’irari; kandi bamaze guhumanisha intekerezo zabo ubusambanyi, bemeye gupfukamira no kuramya ibigirwamana. Batambiye ibitambo ku bicaniro by’abapagani kandi bafatanya n’abandi mu mihango iteye isoni. {AA 310.7}

Ntibyatinze maze uburozi buba bwakwiriye hose mu mahema y’Abisiraheli nk’ubwandu bwica. Abajyaga kunesha ku rugamba batsinzwe n’uburiganya bw’abagore b’abapagani. Abantu babaye nk’abatakigira ubwenge. Abategetsi n’abayobozi bari mu ba mbere bacumuye, bityo benshi muri rubanda nabo baracumura ku buryo ubuhakanyi bwakwiriye mu ishyanga ryose. “Abisirayeli bifatanya na Bali y’i Pewori.” Ubwo Mose yamenyaga icyo kibi, imigambi mibisha y’abanzi yari yaamze kugera ku ntego zayo ku rwego rukomeye ku buryo Abisiraheli batagiraga uruhare mu mihango y’urukozasoni ya gipagani yo kuramya kwaberaga ku musozi wa Pewori gusa, ahubwo n’imihango ya gipagani yari yatangiye kubahirizwaga mu nkambi y’Abisiraheli. Uwo muyobozi wari ugeze mu zabukuru yuzuwe n’ishavu, maze uburakari bw’Imana nabwo burakongezwa. {AA 311.1}

Ibikorwa byabo byo gukiranirwa byateje Abisiraheli ibyo ubupfumu bwose bwa Balamu butajyaga gukora. Byabatandukanyije n’Imana. Kubw’ibihano byihuse byahise bibageraho, abantu barakangutse bazirikana uburemere bw’icyaha cyabo. Icyorezo gikomeye cyane cyadutse mu nkambi yabo maze gihitana abantu ibihumbi byinshi. Imana yategetse ko abagiye ku ruhembe rw’imbere muri ubwo buhakanyi bicwa, maze imirambo yabo ikamanikwa aho Abisiraheli bose barebaga kugira ngo iteraniro,

niribona uko abatware bahanwe bikomeye bene ako kageni, ryiyurnvishe bikomeye uburyo Imana yanga icyo cyaha bari bakoze ndetse babone n'uburyo ibarakarira. {AA 311.2}

Bose babonye ko icyo gihano bagikwiriye, maze abantu bihutira kujya ku ihema ry'ibonaniro barira kandi bicishije bugufi, batura icyaha cyabo. Ubwo baririraga imbere y'Imana, ku muryango w'ihema ry'ibonaniro, kandi icyo gihe mugiga yari igihitana abantu ndetse n'abacamanza bari bagikora umurimo wabo wo kwica no kumanika abakoze amahano, Zimuri, umwe mu banyacyubahiro bo mu Bisiraheli, yaje mu nkambi yihandagaje azanye n'umumidiyanikazi w'indaya, yari "umukobwa w'umutware ukomeye w'Abamidiyani," maze amujyana mu ihema rye. Icyo cyari icyaha kitari cyarigeze gikorwa mu kwihandagaza no kwinangira nk'uko. Zimuri yari yasinze bikomeye maze yerura icyaha cye nk'ab'i Sodomu, anezezwa no gukora ibiteye isoni. Ubwo abatambyi n'abatware bari bari mu majune bafite agahinda kandi bicishije bugufi, baririra "hagati y'umuryango w'ihema ry'ibonaniro n'igicaniro," ndetse binginga Uwiteka kugira ngo ye kurimbura ubwoko bwe, kandi ye gutuma umwandu we usuzugurwa, ni bwo uwo mutware w'Umwisirayeli yagaragaje icyaha cye n'agasuzuguro imbere y'inteko yose, ari nko gusuzugura guhora kw'Imana ndetse no gukwena abacamanza b'iryo shyanga. Finehasi, umuhungu wa Eleyazari umutambyi mukuru, yahagurutse mu iteraniro maze afata icumu, "akurikira uwo Mwisirayeli mu ihema" amwicana n'iyo ndaya. Mugiga yahise ihagara maze uwo mutambyi wasohoje igihano cy'Imana ahabwa icyubahiro imbere y'Abisiraheli bose, kandi agabirwa umurimo w'ubutambyi n'abo mu nzu ye bose by'iteka ryose. {AA 311.3}

Uwiteka yaravuze ati: "Finehasi mwene Eleyazari wa Aroni umutambyi, atumye uburakari bwanjye buva ku Bisirayeli, kuko yafuhiye ifuhe ryanjye muri bo, agatuma ntarimbuza Abisiraheri iryo fuhe ryanjye […] Dore, muhaye isezerano ryanjye ry'amahoro, rizamubera hamwe n'urubyaro rwe isezerano ry'ubutambyi buhoraho; kuko yarwaniye Imana ye ishyaka, agahongerera Abisirayeli." {AA 312.1}

Ibihano byahawe Abisiraheli kubera icyaha bakoreye i Shitimu byarimbuye abantu bari barasigaye muri ya mbaga nini yari imaze imyaka igera kuri mirongo ine ibwiwe aya magambo ngo: "Ntibazabura gupfira mu butayu." Ibarurwa ry'abantu ryokozwe bitegetswe n'Imana ubwo bari baabmbye amahema yabo mu kibaya cya Yorodani, ryagaragaje ko "mu bari babazwe na Mose na Aroni umutambyi, ubwo babariraga Abisirayeli mu butayu bwa Sinayi, …Ntihasigaye n'umwe muri bo, keretse Kalebu mwene Yefune na Yosuwa mwene Nuni." Kubara 26:64,65. {AA 312.2}

Imana yahaniye Abisiraheli kwemera gushukwa n'Abanyamidiyani; ariko ababashutse na bo ntibabuze gusukwaho umujinya w'ubutabera bw'Imana. Abamaleki bari barateye Abisiraheli ubwo bari bageze i Refidimu, bakigabiza abari bananiwe basigaye inyuma,

ntabwo kugeza ubwo bari baragahanwa. Ariko Abanyamidiyani babashutse bakabagusha mu cyaha bagombaga guhita bagerwaho n'ibihano by'Imana kuko bari abanzi babi cyane. Imana yategetse Mose iti: "Uhorere Abisiraheli Abamidiyani; maze nyuma uzapfa, usange ubwoko bwawe." (Kubara 31:2). Iryo tegeko ryahise ryubahirizwa. Abagabo igihimbi batoranyijwe mu miryango yose maze boherezwa bayobowe na Finehasi. "Barwanya Abamidiyani, uko Uwiteka yategetse Mose;... Bica n'abami b'Abamidiyani n'abandi bishe; . . . uko ari batanu: kandi na Balamu mwene Bewori bamwicisha inkota." (Kubara 31:7,8). Ndetse n'abagore bari bafashwe mpiri n'izo ngabo nabo baje kwicwa bitegetswe na Mose kuko bari bafite icyaha gikomeye cyane ndetse bakaba abanzi b'Abisiraheli baruta abandi. {AA 312.3}

Nguko uko abagiriye ubwoko bw'Imana umugambi mubi bashize. Umuhimbyi wa Zaburi aravuga ati: "Abanyabyaha baguye mubushya bacukuye, mu kigoyi bateze niho ikirenge cyabo gifashwe." (Zaburi 9:15). "Kuko Uwiteka atazata ubwoko bwe, kandi atazareka umwandu we. Kuko guca imanza kuzasubira ku kutabera." Abantu "nibateranira gutera ubugingo bw'umukiranutsi," Imana "izabagaruraho gukiranirwa kwabo, izabarimburira mu byaha byabo, Uwiteka, Imana yacu izabarimbura." Zaburi 94:14,15, 21,23. {AA 312.4}

Igihe Balamu yahamagarirwaga kujya kuvuma Abaheburayo akoresheje ubupfumu bwe bwose, ntiyashoboye kubavuma, kuko Uwiteka atabonye gukiranirwa k'ubwoko bwa Yakobo kandi nta bugoryi yabonye mu Bisirayeli. (Kubara 23:21,23). Ariko igihe bicaga amategeko y'Imana kubwo kwemera gushukwa, uburinzi bari bafite bwabakuweho. Iyo abantu b'Imana bakomeje kubahiriza amategeko yayo, "nta kuragura kuba mu bwoko bwa Yakobo, nta bupfumu buba mu Bisiraheli." Icyo gihe imbaraga zose n'uburiganya bwa Satani birakoreshwa kugira ngo bagushwe mu cyaha. Iyo abavuga ko bafite amategeko y'Imana bahindutse abica ibyo ayo mategeko ategeka, bitandukanya n'Imana, kandi ntibashobora guhangana n'abanzi babo. {AA 312.5}

Abisiraheli bataneshejwe n'ingabo cyangwa ubupfumu bw'i Midiyani, bagushijwe n'indaya zaho. Ngubwo ubushobozi abagore bakorera Satani bakoresheje kugira ngo bagushe mu mutego kandi barimbure benshi. "Kuko yagushije benshi abakomeretsa. Ni ukuri, abo yishe ni umutwe w'ingabo munini." (Imigani 7:26). Uko ni ko urubyaro rwa Seti rwashutswe rukareka ubudahemuka bwarwo, kandi urubyaro rwakiranukaga rugahenebera mu bibi. Uko ni ko Yosefu yageragejwe. Ni ko Samusoni wari umutabazi w'Abisiraheli yagambaniye imbaraga ze mu maboko y'Abafilisitiya. Aho ni ho Dawidi yasitaye. Ni naho Salomo, umwami warushaga abandi ubwenge, yahindukiye imbata y'irari maze arekura ubunyangamugayo bwe ku bw'iyo mbaraga mbi ituma umuntu ata ubwenge. {AA 313.1}

“Ibyo byababereyeho kutubera akabarore, kandi byandikiwe kuduhugura, twebwe abasohoreweho n’imperuka y’ibihe. Nuko rero uwibwira ko ahagaze yirinde atagwa.” (1Abakorinto 10:11,12). Satani azi neza icyo agomba guhangana nacyo mu mutima w’umuntu. Kubera ko yabyize abishishikariye mu gihe cy’imyaka ibihumbi byinshi, azi impande runaka zo mu mico yigarurira mu buryo bworoshye; kandi mu bisekuruza byinshi byagiye bikurikirana, yagiye ageragezaga kugusha abagabo bakomeye, ibikomangoma mu Bisirayeli, akoresheje ibigeragezo nk’ibyageze ku ntego yabyo i Bali -Pewori. Mu bihe byagiye bikurikirana, habayeho abantu badafite imico ishikamye bagiye banyerera ku bitare byo kunezeza irari. Ubwo twegereza iherezo ry’igihe, ubwo ubwoko bw’Imana buhagaze ku ngabano za Kanani yo mu ijuru, nk’uko yabigenje kera, Satani azakuba kabiri umuhati we kugira ngoabuze ubwoko bw’Imana kwinjira mu gihugu cyiza cyane. Imitego ye ayitega umuntu wese. Ntabwo abatarize n’abatarateye imbere mu muco ari bo bakeneye kurindwa gusa. Azategura ibishuko bye abitege abari mu myanya yo hejuru, bafite inshingano zikomeye kurusha abandi. Aramutse atumye banduza ubugingo bwabo, yabakoresha maze akarimbura benshi. Muri iki gihe akoresha abakozi nk’abo yakoresheje mu myaka isaga ibihumbi bitatu ishize. Yoshya abantu kwica itegeko rya karindwi akoresheje incuti z’isi, imbaraga ikurura y’uburanga, gushaka kwinezeza, kuvuyarara, ibirori cyangwa inzoga.

{AA 313.2}

Satani yabanje gushora Abisiraheli mu bikorwa by’ubusambanyi no kwiyandarika mbere y’uko abajyana mu gusenga ibigirwamana. Abasuzuguza ishusho y’Imana maze bakanduza urusengero rwayo ari yo mibiri yabo, ntibazashidikanya gukora ikigayisha Imana kinezeza ibyifuzo by’imitima yabo yabaye akahebwe. Gutwarwa n’irari bica intege imbaraga z’ubwenge kandi bikangiza ubugingo. Imbaraga z’ubwenge n’imico mbonera zigwabizwa kandi zigacibwa intege no kunezeza irari rya kinyamaswa, bityo ntibishobokere uwabaswe n’irari gusobanukirwa n’inshingano yera amategeko y’Imana asaba, ntahe agaciro impongano, cyangwa ngo ahe ubugingo agaciro kabwo nyakuri. Ineza, ubutungane, ukuri, kubaha Imana no gukunda ibyera, ibyo byose bitunganye kandibiakaba ari n’ibyifuzo byiza bihuza abantu n’ab’ijuru, bikongorwa n’umuriro w’irari. Ubugingo buhinduka itongo ryijimye, ubuturo bw’imyuka mibi, ndetse n’icyari “cy’inyoni zose zanduye kandi zangwa.” Abantu baremwe ku ishusho y’Imana baramanurwa bakagera ku rugero rumwe n’urw’inyamaswa.

{AA 313.3}

Kwifatanya n’abasenga ibigirwamana ndetse no kujya mu birori byabo ni byo byatumye Abaheburayo bashorwa mu kwica amategeko y’Imana bityo bakururira ishyanga ryabo ibihano byayo. No muri iki gihe, iyo Satani atumye abayoboke ba Kristo bifatanya n’abatubaha Imana kandi akabatera kujya mu binezeza byabo, agera ku

ntego ye neza yo kubashuka mu cyaha. “Nuko nimuve hagati ya ba bandi, mwitandukanye, ni ko Uwiteka avuga, kandi ntimugakore ku kintu gihumanye.” (2Abakorinto 6:17). Imana ishaka yuko ubu habaho itandukaniro rinini cyane hagati y’abantu bayo n’ab’isi haba mu migenzo, mu ngeso, no mu matwara nk’uko yabisabaga Abisiraheli ba kera. Nibakurikiza inyigisho zo mu ijambo ryayo badakebakeba, nta kabuza iri tandukaniro rizabaho. Imiburo Abaheburayo bahawe babuzwa kwivanga n’abapagani ntiyari isobanutse kandi ngo ibe yumvikana kurusha ibuza Abakristo gukurikiza umwuka n’imigenzo by’abatubaha Imana. Kristo aratubwira ati: “Ntimugakunde iby’isi, cyangwa ibiri mu isi. Umuntu nakunda iby’isi, gukunda Data wa twese ntikuba kuri muri we.” (1Yohana 2:15). “Ubucuti bw’iby’isi butera kwangwa n’Imana. Nuko rero umuntu wese ushaka kuba incuti y’iby’isi, aba yihinduye umwanzi w’Imana.” (Yakobo 4:4). Abayoboke ba Kristo bagomba kwitandukanya n’abanyabyaha, bagahitamo kwifatanya nabo gusa igihe hari uburyo bwo kubagirira neza. Ntidukwiriye kurenza urugero mu kwirinda gufatanya n’abatujyana kure y’Imana. Igihe dusenga tuti: “Ntutujyane mu bitwoshya,” tugomba kugendera kure y’ibitwoshya uko bishoboka kose. {AA 314.1}

Igihe Abisiraheli bari bamerewe neza kandi bafite umutekano, ni ho bashowe mu gukora icyaha. Bananiwe gukomeza guhanga Imana amaso, basuzuguye gusenga maze bimika umwuka wo kwiyemera. Kudamarara no kwihugiraho byasize umunara wo mu mutima utarinzwe, maze ibitekerezo bibi birinjira. Abagambanyi bari imbere mu nkike nibo bakuyeho ibihindizo by’amahame bakurikizaga maze bagambanira Abisiraheli mu maboko ya Satani. Ni muri ubwo buryo Satani ashaka kurimbura umuntu. Mbere yuko Umukristo akora icyaha ku mugaragaro, mu mutima haba harabanje kuba imyiteguro miremire itazwi n’abandi. Ntabwo intekerezo z’umuntu zigwa mu kanya gato ngo zive ku rwego rwo kwera n’ubutungane ngo zigere mu buhanya, ubuhenebere n’ubugome. Kugwabiza abaremwe mu ishusho y’Imana bagahinduka abagomecyangwa nka Satani bitwara igihe. Kubwo kwitegereza turahinduka. Ku bwo kugundira ibitekerezo bidatunganye, umuntu ashobora kwigisha intekerezo ze atyo ko icyaha yangaga urunuka kizamuhindukira cyiza. {AA 314.2}

Satani akoresha inzira zose kugira atume ubugome n’ingeso mbi biba gikwira. Ntidushobora kugendagenda mu nzira zo mu mijyi yacu tutabonye amatangazo y’akataraboneka avuga iby’urugomo byanditswe mu gitabo runaka cyangwa ruzerekwa abantu nk’ikinamico. Intekerezo zigishwa kwimenyereza icyaha. Inzira y’ingeso mbi n’ubuhanya ishyirwa imbere y’abantu mu binyamakuru bisohoka buri munsi, kandi igishobora gukangura irari cyose bakibwirwa mu nkuru ziryoshye. Abantu bumva kandi bagasoma byinshi byerekeye ibyaha bikorerwa mu rugomo ku buryo umutimanama wagomye gukangaranishwa n’umubabaro kubera ibyo byaha, ugera aho ukaba nk’urutare maze bakabitindaho babifitiye ubwuzu. {AA 314.3}

Ibinezeza byinshi byabaye gikwira mu isi muri iki gihe, ndetse bikarangwa no mu bavuga ko ari Abakristo, byerekeza ku iherezo rimwe nk'iryo iby'abapagani byerekejeho. Mu by'ukuri hari bike muri byo Satani adahindura mu kurimbura abantu. Abinyujije mu makinamico, Satani yakoze igihe kirekire cyane agira ngo akangure irari kandi ahe icyicaro ingeso mbi. Imikino ijyana n'umuziki, gucuranga, kubyina no gukina amakarita, ibyo byose Satani arabikoresha kugira ngo asenye imbibi dushyirirwaho n'amahame atugenga kandi akingurire amarembo gushimisha irari ry'umubiri. Mu iteraniro ryose ryo kwinezeza aho ubwibone buhabwa intebe cyangwa hakarangwa n'inda nini, aho umuntu yibagizwa Imana kandi ntabe akizirikana ibyiza bizahoraho, aho ni ho Satani akoreshereza iminyururu ye akaboha umuntu. {AA 315.1}

Umunyabwenge atanga inama agira ati: "Rinda umutima wawe kuruta ibindi byose birindwa, kuko ari ho iby'ubugingo bikomoka." (Imigani 4:23). "Kuko uko atekereza ku mutima ari ko ari." (Imigani 23:7). Umutima ugomba kugirwa mushya n'ubuntu bw'Imana, nibitaba bityo, gushaka ubutungane bw'ubugingo bizaba imfabusa. Umuntu wese ugerageza gukuza imico iboneye kandi itunganye adafashijwe n'ubuntu bwa Kristo, aba yubaka inzu ye ku musenyi. Mu mugaru ukaze w'ibigeragezo, nta kabuza iyo nzu izasenyuka. Isengesho rya Dawidi rikwiriye kuba iry'umuntu wese. Yarasenze ati: "Mana, undememo umutima wera: Unsubizemo umutima ukomeye." (Zaburi 51:10). Bityo tumaze kugabana ku mpano y'Imana, tugomba gukomeza tugana ku butungane "turinzwe n'imbaraga z'Imanakubwo kwizera." 1Petero 1:5. {AA 315.2}

Nyamara dufite umurimo tugomba gukora kugira ngo dutsinde ibigeragezo. Abadashaka kugwa mu mitego ya Satani bagomba kurinda neza inzira zinjira mu ntekerezo zabo. Bagomba kwirinda gusoma, kureba cyangwa kumva ibibazanira ibitekerezo bibi. Ntabwo intekerezo zikwiriye kurekwa ngo zibaze kandi zitinde ku ngingo yose umwanzi w'ubugingo abasha kuzishyira imbere. Intumwa Petero iravuga iti: "Nuko mukenyere mu mitima yanyu, mwirinde ibisindisha, mwiringire rwose impano y'ubuntu muzazanirwa ubwo Yesu Kristo azahishurwa. Mube nk'abana bumvira; ntimwishushanye n'irari mwagiraga kera mukiri injiji. Ahubwo nk'uko uwabahamagaye ari uwera, abe ari ko namwe muba abera mu ngeso zanyu zose." (1Petero 1:13-15). Pawulo nawe aravuga ati: "Ibisigaye, bene Data, iby'ukuri byose, ibyo kubahwa byose, ibyo gukiranuka byose, ibiboneye byose, iby'igikundiro byose n'ibishimwa byose, nihaba hariho ingeso nziza, kandi hakabaho ishimwe, abe ari byo mwibwira." (Abafilipi 4:8). Ibyo bisaba ko habaho gusenga kuvuye ku mutima ndetse no guhora umuntu ari maso. Tugomba gufashwa n'imbaraga ya Mwuka Muziranenge itubamo, izatuma ubwenge bwacu burangamira mu ijuru kandi ibumenyereze kuzirikana ibitunganye n'ibyera. "Umusore azeza inzira ye ate? Azayejesha kuyitondera nk'uko ijambo ryawe ritegeka." Umuhimbyi wa Zaburi akomeza avuga ati: "Nabikiye ijambo ryawe mu mutima wanjye, kugira ngo ntagucumuraho." Zaburi 119:9,11.

{AA 315.3}

Icyaha Abisiraheli bakoreye i Beti-Pewori cyatumye Imana ihanisha ishyanga ryabo ibihano byayo. Nubwo muri iki gihe ibyaha nk'ibyo bidashobora guhanirwaho nk'icyo gihe, byanze bikunze igihe kizagera abantu babihanirwe. "Umuntu utsemba urusengero rw'Imana, Imana izamutsemba." (1Abakorinto 3:17). Hateganyijwe ibihano bikomeye cyane bireba ibyo byaha. Bitinde cyangwa bitebuke, ni ibihano bizahabwa umuntu wese wica amategeko. Ibyo byaha, kurusha ibindi byose, ni byo byatumye inyokomuntu ihenebera mu buryo buteye ubwoba, kandi abantu baremererwa n'indwara n'ubutindi byabereye isi umuvumo. Abantu bashobora kugera ku ntego yo guhisha bagenzi babo ibyaha byabo, ariko byanze bikunze bazasarura ingaruka zabyo haba mu mubabaro, mu ndwara, kumugara cyangwa mu rupfu. Kandi hirya y'ubu buzima hari urukiko ruzaca urubanza kandi rukazatanga ibihano by'iteka. "Ndababwira hakiri kare, nk'uko nababwiye kera, yuko abakora ibisa bityo batazaragwa ubwami bw'Imana," ariko Satani n'abamarayika babi umugabane wabo uzaba "muri ya nyanja yaka umuriro" ari yo "rupfu rwa kabiri." Abagalatiya 5:21; Ibyahishuwe 20:14.

{AA 315.4}

"Kuko iminwa y'umugore w'inzaduka itonyanga ubuki, kandi akanwa ke karusha amavuka koroha; ariko hanyuma asharira nk'umuravumba; agira ubugi nk'ubw'inkota ityaye." (Imigani 5:3,4). "Cisha inzira yawe kure y'uwo mugore; kandi ntiwegere umuryango w'inzu ye; kugira ngo utiyaka icyubahiro cyane ngo ugihe abandi, cyangwa ngo uharire imyaka yawe abanyarugomo. Abashyitsi be guhazwa n'ibiguturukamo, kandi imirimo yawe ye gukorerwa mu nzu y'umunyabyaha; amaherezo ukazaboroga, umubiri wawe umaze gushiraho." (Imigani 5:8-11). "Kuko inzu ye yerekeye urupfu, kandi inzira ze zigana ikuzimu. Mu bamugenderera nta n'umwe ugaruka, kandi ntabwo basubira mu nzira z'ubugingo." "Kandi abo yararitse bari mu mworera w'ikuzimu." Imigani 2:18,19; 9:19. {AA 316.1}

IGICE CYA 42 - AMATEGEKO Y'IMANA ASUBIRWAMO

Uwiteka yamenyesha Mose yuko igihe cyateganyijwe cyo kwigarurira Kanani cyegereje. Ubwo uwo muhanuzi wari ugeze mu zabukuru yahagararaga ahitegeye Yorodani n'Igihugu cy'Isezerano, yitegerezanyije amatsiko gakondo y'ubwoko bwe. Mbese byari gushoboka ko urubanza yari yaraciriwe kubera icyaha yakoreye i Kadeshi rwari gukurwaho? Yasabye yinginga agira ati: "Mwami Uwiteka, utangiye kwereka umugaragu wawe gukomera kwawe n'amaboko yawe menshi. Ni iyihe mana yo mu ijuru cyangwa munsi ishobora gukora ibihwanye n'ibyo ukora n'imirimo yawe ikomeye? Ndakwinginze, emera ko nambuka nkareba igihugu cyiza kiri hakurya ya Yorodani, iriya misozi myiza, na Lebanoni." Gutegeka kwa kabiri 3:24-27. {AA 317.1}

Igisubizo yahawe ni iki ngo: "Uherukire aho, ntuzongere guhingutsa iryo jambo. Uzazamuke ujye mu mpinga ya Pisiga, witegereze iburengerazuba n'amajyaruguru, n'iburasirazuba n'amajyepfo. Uharebeshe amaso gusa kuko utazambuka Yorodani." {AA 317.2}

Mose yumviye iteka ry'Imana ativovose. Ubwo noneho yari ahagarikishijwe cyane n'Abisiraheli. Ni nde wari guhangayikira kugubwa neza kwabo nkawe? Yasenze abikuye ku mutima agira ati: "Uhoraho Mana, ni wowe ubeshaho abo waremye. Shyiraho umuntu wokuyobora Abisiraheli mu gihe bazaba bari mu ngendo, cyangwa bagabye igitero, cyangwa bavuye ku rugamba, be kuba nk'intama zitagira umushumba." Ibarura 27:16,17. {AA 317.3}

Uwiteka yumviye gusenga kw'umugaragu we; maze amuha igisubizo gikurikira: "Jyana Yosuwa mwene Nuni, umuntu urimo Umwuka, umurambikeho ikiganza; umushyire imbere ya Eleyazari umutambyi n'iteraniro ryose; umwihanangirize mu maso yabo. Kandi umuhe ku cyuhahiro cyawe, kugira ngo iteraniro ry'Abisiraheli ryose rijye rimwumvira." (Kubara 27:18-20). Yosuwa yari yarafashije Mose igihe kirekire; kandi kubera ko yari umugaho w'umunyabwenge, ufite ubushobozi no kwizera, Imana yamuhisemo kugira ngo asimbure Mose.

{AA 317.4}

Mose yaambitse ibiganza kuri Yosuwa amushinga n'inshingano ikomeye, bityp Yosuwa atoranywa ku mugaragaro kugira ngo abe umuyobozi w'Abisiraheli. Uwiteka avugira muri Mose, abwira iteraniro ibyerekeye Yosuwa ati: "Kandi ajye ahagarara imbere ya Eleyazari umutambyi, na we ajye imbere yanjye, amumbarishirize kungura

inama kwa Urimu: Eleyazari azaba ari we ujya ategeka kwahuka kwabo no gucyurwa kwabo, kwa Yosuwa n'Abisirayeli bose, iteraniro ryabo ryose" (Imirongo 21-23). {AA 317.5}

Mbere yo kuva ku nshingano ye nk'umuyobozi ugaragara w'Abisiraheli, Mose yategetswe kubasubiriramo amateka y'uburyo bacunguwe bakurwa mu Misiri ndetse n'uko bazereye mu butayu. Yongera kandi kubasubiriramo amategeko yavugiwe kuri Sinayi. Igihe ayo mategeko yatangwaga, bake cyane mu bariho icyo gihe ni bo bari bakuze bihagije ku buryo bashoboraga gusobanukirwa agaciro gakomeye ko gutangwa kwayo. Kubera ko bidatinze bari bagiye kwambuka Yorodani maze bakigarurira Igihugu cy'Isezerano, Imana yabibukije ibyo amategeko yayo asaba kandi ibasaba kumvira nk'icyangombwa bagombaga kuzuza kugira ngo bagubwe neza. {AA 317.6}

Mose yahagaze imbere y'abantu kugira ngo abasubiriremo imiburo no kubacyaha biheruka. Mu maso he harabagiranishwaga n'umucyo wera. Umusatsi we wari imvi ageze mu zabukuru; ariko yari yemye kandi mu maso he hagaragazaga ko agifite imbaraga ndetse yari atarahuma. Wari umwanya w'ingenzi, maze n'umutima we wose abagaragariza urukundo n'impuhwe by'Umurinzi wabo Ushoborabyose avuga ati: {AA 318.1}

"Wibaze iby'ibihe byashize byakubanjirije, uhereye ku munsi Imana yaremeyeho umuntu mu isi, kandi uhereye ku mpera y'isi, ukageza ku yindi mpera yayo, yuko higeze kubaho igihwanye n'iki kintu gikomeye, cyangwa ko humvikanye igihwanye na cyo. Mbese hariho ubwo abantu bumvise ijwi ry'Imana ivuga iri hagati mu muriro, nk'uko wowe uryumvise, bakahaho? Cyangwa higeze kuba imana yagerageje kwijyanira ishyanga, irikuje hagati y'irindi ibigeragеresho n'ibimenyetso n'ibitangaza n'intambara n'amaboko menshi n'ukuboko kurambutse n'ibiteye ubwoba bikomeye, bihwanye n'ibyo Uwiteka Imana yanyu yabakorereye mu Egiputa mu maso yanyu? Ni wowe werekewe ibyo kugira ngo umenye yuko Uwiteka ari we Mana, ari nta yindi keretse yo." {AA 318.2}

"Icyateye Uwiteka kubakunda, akabatoranya,si uko mwarutaga ayandi mahanga yose ubwinshi; ndetse mwari bake hanyuma y'ayandi yose. Ahubwo ni uko Uwiteka abakunda, agashaka gusohoza indahiro yarahiye basekuruza banyu, ni cyo cyatumye Uwiteka abakuzayo amaboko menshi, akabacungura mu nzu y'uburetwa, mu butware bwa Farawo umwami wa Egiputa. Nuko none menya yuko Uwiteka Imana yawe ari yo Mana; ni Imana yo kwizerwa, ikomeza gusohoreza isezerano no kugirira ibambe abayikunda, bakitondera amategeko yayo, ikageza ku buzukuruza babo b'ibihe igihumbi." Gutegeka kwa Kabiri 7:7-9.

{AA 318.3}

Abisiraheli bari baragiye bihutira gushinja Mose kuba intandaro y'ingorane bahuraga nazo; ariko ubu bwo urwikekwe rwabo bamugiragaho ko arangwa n'ubwibone no kwigerezaho no kwikanyiza rwavuyeho, maze batega amatwi ibyo yababwiraga babyishimiye. Mose yababwije ukuri maze abibutsa amakosa yabo ndetse n'ibicumuro by'ababyeyi babo. Incuro nyinshi bari baragiye bumva barambiwe kandi bakigomeka kubwo kuzerera cyane mu butayu; ariko Uwiteka si we wateye uko gutinda kwigarurira Kanani. Yabarushaga kugira agahinda kuko itahise ibaha Igihugu cy'Isezerano, ngo muri ubwo buryo yerekanire imbere y'amahanga yose ubushobozi bwe bukomeye binyuze mu gucungura ubwoko bwayo. Bagifite kutizera Imana, buzuye ubwibone no kutizera, ntabwo bari biteguye kwinjira i Kanani. Ntibyashobokaga ko bagaragaza ubwoko bufite Imana ho Umwami wabwo; kuko batarangwaga n'imico yayo y'ubutungane, ingeso nziza no kugwa neza. Iyo ababyeyi babo bizera bakumvira amabwiriza y'Imana, bakayoborwa n'amateka yayo ndetse bakagendera mategeko yayo, bajyaga kuba baramaze gutura muri Kanani kera cyane, ari ubwoko butunganiwe, bukiranuka kandi bunezerewe. Gutinda kwinjira mu gihugu cyiza byasuzuguzaga Imana kandi kukayitesha ikuzo mu maso y'amahanga yari abakikije. {AA 318.4}

Mose wari usobanukiwe na kamere n'agaciro by'amategeko y'Imana, yahamirije abantu ko nta rindi shyanga rifite amategeko meza, akiranuka kandi yuje imbabazi nk'ayahawe Abaheburayo. Yaravuze ati: "Dore mbigishije amategeko n'amateka, uko Uwiteka Imana yanjye yantegetse, kugira ngo abe ari ko mugenzereza mu gihugu mujyanwamo no guhindura. Nuko mujye muyitondera muyumvira, kuko ari ko ubwenge bwanyu n'ubuhanga bwanyu mu maso y'amahanga, azumva ayo mategeko yose, akavuga ati: 'Ni ukuri ni ishyanga rikomeye ni ubwoko bw'ubwenge n'ubuhanga." {AA 318.5}

Mose yabibukije "umunsi bahagaze imbere y'Uwiteka Imana yabo kuri Horebu." Yahwituye ingabo z'Abaheburayo ati: "Mbese hari ishyanga rikomeye rifite imana iriri hafi, nk'uko Uwiteka Imana yacu ituba hafi, iyo tuyambaje? Kandi ni ishyanga rikomeye ki rifite amategeko n'amateka atunganye ahwanye n'aya mategeko yose mbashyira imbere uyu munsi?" Muri iki gihe uku guhwitura Mose yagejeje ku Bisiraheli gukwiriye gusubirwamo. Amategeko Imana yahaye abantu bayo ba kera yarushaga amategeko atangwa n'ibihugu birusha ibindi amajyambere ku isi kwerekana ubwenge no kuba meza. Amategeko y'ibihugu arangwamo kudatungana ndetse n'ibyifuzo bibi bituruka mu mitima itarahinduwe mishya; ariko amategeko y'Imana afite ikimenyetso cyayo. {AA 319.1}

Mose yaravuze ati: "Uwiteka yarabajyanye, abakura muri rya tanura ryubakishijwe icyuma, ni ryo Egiputa, kugira ngo mumubere ubwoko bwa gakondo." Igihugu bari bagiye kwinjiramo, kandi cyagombaga kuba icyabo ari uko bumviye amategeko y'Imana, bari baragisobanuriwe muri ubwo buryo. Mbega uko aya magambo

yagombaga gukora ku mitima y’Abisiraheli ubwo bari kwibuka uko uwabasobanuriye neza imigisha y’icyo gihugu yabujijwe kuzasangira nabo uwo murage bitewe n’icyaha cyabo: {AA 319.2}

“Kuko Uwiteka Imana yawe ikujyana mu gihugu cyiza, kirimo imigezi n’amasoko n’ibidendezi birebire, bitembera bidudubiriza mu bikombe no ku misozi. Ni igihugu cy’ingano na sayiri n’imizabibu n’imitini n’amakomamanga; ni igihugu cy’imyelayo n’ubuki; ni igihugu uzariramo ibyokurya ntibibure, ntuzagire icyo ugikeneramo; ni igihugu cy’amabuye y’ibyuma, n’icy’imisozi wacukuramo imiringa.” “Ni igihugu Uwiteka Imana yawe yitaho, kandi Uwiteka Imana yawe ihora igihanze amaso ihereye ku itangiriro ry’umwaka, ikageza ku iherezo ryawo.” Gutegeka kwa kabiri 8:7-9; 11:10-12. {AA 319.3}

“Uwiteka Imana yawe nimara kukujyana mu gihugu, yarahiye ba sekuruza wanyu Aburahamu na Isaka na Yakobo ko izaguha, ukagira imidugudu minini myiza utubatse, n’amazu yuzuye ibyiza byose utujuje, n’amariba yafukuwemo amazi mutafukuye, n’inzabibu n’imyelayo utateye, ukarya, ugahaga; uzirinde, we kwibagirwa Uwiteka.” “Mwirinde, mwe kwibagirwa isezerano ry’Uwiteka Imana yanyu yasezeranye namwe,... Kuko Uwiteka Imana yawe ari umuriro ukongora, ni Imana ifuha.” Igihe bari gukora ibibi mu maso y’Iman, Mose yabivuzeho atya ati: “Muzarimbuka vuba, mukarangira mu gihugu mwambuka Yorodani mujyanwamo no guhindura.” {AA 319.4}

Mose amaze kubasubiriramo amategeko mu ruhame, yarangije umurimo wo kwandika amategeko yose n’amateka Imana yari yaramuhaye ndetse n’amabwiriza yose yerekeye gahunda yo gutamba ibitambo. Igitabo cyanditswemo ibyo cyabikijwe abayobozi babikwiriye, maze kubw’ibyo kibikwa iruhande rw’isanduku y’isezerano kugira ngo kiharindirwe. Nanone uwo muyobozi ukomeye yari agifite impungenge nyinshi yuko abantu bazitandukanya n’Imana. Mu magambo akomeye kandi abakangura, yaberetse imigisha bagombaga kugira baramutse bumviye, kandi abereka n’imivumo yari gukurikiraho baramutse bishe amategeko: {AA 319.5}

“Nugira umwete wo kumvira Uwiteka Imana yawe, n’uwo kwitondera amategeko yayo yose ngutegeka uyu munsi,” “Uzagirira umugisha mu mudugudu, uzawugirira no mu mirima,” “mu mbuto zo mu nda yawe n’imyaka yo ku butaka bwawe, n’imbuto z’amatungo yawe . . . Hazagira umugisha igitenga cyawe n’icyibo uvugiramo. . . Uwiteka azatuma ababisha bawe baguhagurikiye banesherezwa imbere yawe . . . Uwiteka azategeka umugisha kuba mu bigega byawe no mu byo ugerageza gukora byose.” {AA 320.1}

“Ariko nutumvira Uwiteka Imana yawe ngo witondere amategeko yayo y’uburyo bwose ngutegeka uyu munsi, iyi mivumo yose izakuzaho, ikugereho.” “Uzavumwa mu majya no mumaza.” “Kandi Uwiteka azabatatanyiriza mu mahanga yose, uhereye ku mpera

y’isi, ukageza ku yindi mpera yayo; kanid uzakorererayo izindi mana utigeze kumenya, naba sekuruza banyu batigeze kumenya, z’ibiti n’amabuye. Kandi muri ayo mahanga nta mahoro uzabona, ntuzabona aho uruhurira ibirenge byawe; ariko Uwiteka azaguherayo umutima uhinda umushyitsi n’amaso aremba n’umutima wonze. Uzashidikanya ubugingo bwawe, uzahora utinya ku manywa na nijoro, ntuzagira ikikwiringiza ubugingo bwawe. Buzacya ugira uti: ‘Iyo bwira.’ Buzagoroba ugira uti: ‘Iyo bucya’, ubitewe n’ubwoba bwo mu mutima wawe bugutinyisha bugutinyisha n’ibyo amaso yawe azibonera.” {AA 320.2}

Ayobowe na Mwuka w’Ubuhanuzi, yitegereje kure cyane mu bihe bizakurikiraho, Mose yerekanye neza ibyago bizabaho ubwo Isiraheli izakurwaho nk’ishyanga na Yerusalemu irimbuwe n’ingabo z’Abanyaroma. Yaravuze ati: “Uwiteka azakuzanira ishyanga rya kure, akuye ku mpera y’isi, riza nk’uko ikizu kuguruka, ishyanga uzaba utazi uurimi rwaryo, ishyanga rifite mu maso hagaragaza urugomo, ritazubaha abashyaje, ritazababarira abana.” {AA 320.3}

Yerekanye neza imibabaro iteye ubwoba abantu bagombaga kuzagira igihe Yerusalemu kuzagotwa na Tito mu binyejana byinshi byari kuzakurikiraho. Yabivuze muri aya magambo: “Bazarya abana b’amatungo yawe n’imyaka yoku butaka bwawe, bageze aho uzarimbukira. . . Bazagota imidugudu yawe yose, kugeza aho inkike z’amabuye zawe ndende zikomeye wiringiraga zo mu gihugu cyawe cyose zizaridukira. . . Uzarya imbuto zo mu nda yawe, inyama z’abahungu bawe n’abakobwa bawe, Uwitaka Imana yawe izaba yaraguhaye, ku bwo kugotwa no gusakizwa, ababisha bawe bazagusakiza.” “Umugore wo muri mwe wadamaraye, akamenyera kugubwa neza gusa, utatinyuka no gukandagiza ikirenge ku bwo kudamarara no kumenyera kugubwa neza, azarebana imbabazi nke umugabo aseguye, n’umuhungu we n’umukobwa we . . . no ku bana be abyaye: kuko azabarira rwihishwa kuko abuze byose, ku bwo kugotwa no gusakizwa, ababisha bawe bazagusakiza mu midugudu yawe.” {AA 320.4}

Mose yaherukije aya magambo yimbitse agira ati: “Uyu munsi ntanze ijuru n’isi ho abahamya bazabashinja, yuko ngushyize imbere ubugingo n’urupfu, umugisha n’umuvumo: nuko uhitemo ubugingo, ubone kubaho, wowe n’urubyaro rwawe, ukunde Uwiteka Imana yawe, uyumvire, uyifatanyeho akaramata; kuko ari yo bugingo bwawe no kurama kwawe: kugira ngo ubone kuba mu gihugu Uwiteka yarahiye ba sekuruza banyu, Aburahamu na Isaka na Yakobo, ko azabaha.” Gutegeka kwa kabiri 30:19,20. {AA 320.5}

Kugira ngo ashobore kumvisha neza abantu bose uko kuri, uwo muyobozi ukomeye yabuvuze mu mvugo ya gisizi ibeneye. Ntabwo iyi ndirimbo yavugaga iby’amateka gusa ahubwo yari n’ubuhanuzi. Nubwo yavugaga ibitangaza Imana yari yarakoreye ubwoko bwayo mu bihe byashize, yanatungaga agatoki ibintu bikomeye bizabaho mu

gihe kiri imbere, intsinzi iheruka y’intungane ubwo Kristo azaba agarutse mu butware n’ikuzo bye. Abantu bategetswe gufata mu mutwe ayo mateka yavuzwe mu bisigo kandi bakayigisha abana n’abuzukuru babo kugira ngo atazibagirana. {AA 321.1}

Kubera ko, mu buryo bwihariye, Abisiraheli bagombaga kuba abarinzi ndetse n’abita ku mategeko y’Imana, ubusobanuro bwayo ndetse n’akamaro ko kuyumvira byagombaga kuba mu mitima yabo mu buryo bwihariye, kandi binyuze muri bo, bikinjira mu bana n’abuzukuru babo. Ku byerekeye amategeko ye Uwiteka yarategetse ati: “Ujye ugira umwete wo kuyigisha abana bawe, ujye uyavuga wicaye mu nzu yawe, n’uko ugenda mu nzira, n’uko uryamye, n’uko ubyutse. . . Uyandike ku nkomanizo z’inzu yawe noku byugarira byawe.” Gutegeka kwa kabiri 6:7. {AA 321.2}

Mu gihe kizaza ubwo abana babo bari kubabaza bati: “Ibihamya n’amategeko n’amateka, Uwiteka Imana yacu yategetse ni iby’iki?”, ababyeyi bari kuzabasubiriramo amateka yerekeye ubuntu Imana yabagiriye - uko Uwiteka yakoze ngo abacungure kugira ngo bumvire amategeko ye. Bagombaga kuzabwira abana babo bati: “Uwiteka adutegeka kwitondera ayo mategeko yose no kubahira Uwiteka Imana yacu, kugira ngo tubone ibyiza iteka, ikiza ubugingo bwacu urupfu, uko biri n’uyu munsi. Nitwitondera ayo mategeko yose tukayumvirira imbere y’Uwiteka Imana yacu, uko yadutegetse, byazatubera gukiranuka.” Gutegeka kwa kabiri 6:25. {AA 321.3}

IGICE CYA 43 - URUPFU RWA MOSE

Mu byo Imana yagiye ikorera ubwoko bwayo byose, bigaragaramo urukundo n’imbabazi, harimo igihamya kiruta ibindi byose cyerekana ubutabera bwayo budakebakeba kandi butabogama. Imana yari yarahaye Abisiraheli imigisha myinshi cyane. Ineza yayo yuje urukundo yabagiriraga ivugwa neza mu magambo akurikira: “Nk’uko ikizu gikangura ibyana byacyo, kigatanda amababa, kikabijyana, kikabiheka ku mababa yacyo: Ni ko Uwiteka yari umuyobora wabwo wenyine.” Ariko kandi mbega ibihano bikomeye bahawe kubw’ibicumuro byabo! {AA 322.1}

Urukundo rw’Imana rutagerwa rwagaragariye mu mpano y’Umwana wayo w’ikinege ubwo yacunguraga inyokomuntu yacumuye. Kristo yaje ku isi kugira ngo ahishurire abantu kamere ya Se, kandi imireho ye yari yuzuye ibikorwa birangwa n’ineza n’impuhwe by’Imana. Nyamara kandi na Kristo ubwe yaravuze ati: “Kandi ndababwira ukuri yuko ijuru n’isi kugeza aho bizashirira, amategeko atezavaho inyuguti imwe cyangwa agace kayo gato, kugeza aho byose bizarangirira.” (Matayo5:18). Rya jwi ryuje urukundo kandi ryinginga rirarikira umunyabyaha gusanga Yesu Kristo kugira ngo abone imbabazi n’amahoro, ni ryo ku munsi w’urubanza rizabwira abanze imbabazi ze riti: “Nimuve aho ndi, mwa bivume mwe.” (Matayo 25:41). Muri Bibiliya yose, ntabwo Imana ivugwa gusa ko ari umubyeyi w’umunyambabazi ahubwo ni n’umucamanza utabera. Nubwo yishimira kugira imbabazi, ikababarira “gukiranirwa n’ibicumuro

n’ibyaha,” ntizigera na hato “itsindiriza abo gutsindwa.” Kuva 34:7. {AA 322.2}

Uwo Mutegetsi ukomeye w’amahanga yose yari yavuze ko Mose atazageza Abisiraheli mu gihugu cy’ibyiza, kandi gutakamba cyane k’umugaragu w’Imana ntikwashoboye guhindura icyemezo cyayo. Mose yari azi ko agomba gupfa, nyamara ntiyigeze na gato acogora kwita ku kwita ku Bisiraheli. Yari yarakoze uko ashoboye kose kugira ngo ategurire iyo mbaga kwinjira muri gakondo bari barasezeraniwe. Babitegetswe n’Imana, Mose na Yosuwa bagiye mu ihema ry’ibonaniro, maze inkingi y’igicu iraza ihagarara hejuru y’umuryango. Aho ni ho abantu bahawe Yosuwa ku mugaragaro ngo ababere umuyobozi. Umurimo wa Mose wo kuyobora Abisiraheli wari urangiye. Yari acyiyibagiwe ku bwo guharanira ibyiza by’ubwoko bwe. Mose yaharagze imbere y’imbaga y’Abisiraheli maze, mu izina ry’Imana, abwira umusimbura we aya magambo meza yo kumukomeza agira ati: “Komera, ushikame: kuko uzajyana n’aba bantu mu gihugu Uwiteka yarahiye ba sekuruza ko azababaha; na we uzakibahesha ho gakondo, azabana nawe.” Arangije yabwiye abakuru n’abatware b’abantu, ku mugaragaro yuko bakwiriye kumvira amabwiriza yari yarababwiye ayahawe n’Imana. {AA 322.3}

Ubwo abantu bitegerezaga uwo musaza wari ugiye kubakurwamo bidatinze, bibutse kandi bongera gushima bashimikiriye imico ye myiza ya kibyeyi, inama nziza yabagiraga ndetse n’uburyo yakoraga adacogora. Bibutse uburyo incuro nyinshi, ubwo ibyaha byabo byabateraga gucirirwa iteka n’Imana, amasengesho ya Mose yari yarabashije gucubya uburakari bw’Imana maze ntibarimbure. Intimba bagize yari iherekejwe no kwicuza. Bibukanye agahinda kenshi ko kugoma kwabo ari ko kwatumye Mose akora icyaha cyatumye agomba gupfa.

{AA 322.4}

Gukurwaho k’umuyobozi wabo bakundaga byagombaga kubera Abisiraheli gucyahwa gukomeye cyane kuruta ukundi kose bashoboraga kubona iyo Mose akomeza kubaho n’umurimo we ugkomeza. Imana yagombaga kubumvisha yuko batari bakwiriye kongera gutuma imibereho y’uzababera umuyobozi mu gihe kizaza iba iyo kugeragezwa nk’uko bari baragize iya Mose. Imana ivuganira n’abantu bayo mu migisha ibaha, kandi iyo iyi migisha batayishimiye, ivugana na bo bayinyazwe, kugira ngo babashe gusobanukirwa ibyaha byabo kandi bagarukire Imana n’imutima wabo wose.

{AA 323.1}

Uwo munsi ni bwo Uwiteka yategetse Mose ati: “Zamuka uyu musozi Nebo .. . witegere igihugu cy’i Kanani mpa Abisiraheli ho gakondo; upfire kuri uwo musozi uzamutse, usange ubwoko bwawe.” Mose yari yaragiye ava mu nkambi kenshi yitabye ihamagara ry’Imana kugira ngo ajye kuvugana nayo; ariko iki gihe cyo yagombaga

kugenda agiye mu rugendo rushya kandi rw'amayobera. Yagombaga kugenda agashyira ubugingo bwe mu biganza by'Umuremyi we. Mose yari azi ko agomba gupfa ari wenyine; nta ncuti yo ku isi yari kwemererwa kumufasha mu masaha ye aheruka. Umutima we waratinye ku bw'urujijo n'ubwoba byari biri imbere ye. Ikigeragezo kiruta ibindi byose yagize cyabaye gutandukanywa n'abantu yitagahokandi yakundaga, abo yahoraga ahangayikiye kandi imibereho ikaba yari yaromatanye nabo igihe kirekire. Ariko yari azi kwiringira Imana, bityo mu kwizera kutajijinganya, we ubwe ndetse n'ubwoko bwe yishyira rukundo rw'Imana n'imbabazi zayo.

{AA 323.2}

Ku nshuro ya nyuma Mose yaharagaze mu iteraniro ry'abantu be. Na none Mwuka w'Imana amuzaho, maze mu magambo yimbitse kandi akora ku mutima aha buri muryango wose umugisha, aherutsa kubahesha umugisha kuri bose agira ati: {AA 323.3}

"Yeshuruni, ntawe uhwanye n'Imana

Izanwano kugitabara ihetswe n'ijuru,

Izana gukomera ihetswe n'ibicu.

Imana ihoraho ni ubuturo bwawe,

Amaboko ye iteka ryose arakuramira.

Kandi Abisiraheli babe amahoro,

Isoko ya Yakobo ibe ukwayo

Mu gihugu cya vino n'imyaka y'impeke,

Ijuru ryacyo ritondeshe ikime.

Wa bwoko bw'Abisirayeli we, urahiriwe;

Ni nde uhwanije na we kuba ubwoko bwakijijwe n'Uwiteka,

Ari we ngabo igukingira, ikagutabara,

Ari we nkota igutera icyubahiro? {AA 323.4}

Gutegeka kwa Kabiri 33:26-29

{AA 323}

Mose ava mu iteraniro, agenda acecetse kandi ari wenyine yarekeza mu mpinga

y’umusozi. Yagiye ku “musozi Nebo, mu mpinga ya Pisiga.” Ahagarara aho hejuru wenyine maze yitegereza hakurya ye, amaso ye abona neza. Kure cyane iburengerazuba hari amazi y’inyanja ngari afite ibara ry’ubururu; mu majyaruguru hari umusozi Herumoni wari muremure ugera ku bicu; naho iburasirazuba hari ikibaya kinini cy’i Mowabu, kandi hakurya yaho hari Bashani, aho Abisiraheli bari baraneshereje. Mu majyepfo hari ubutayu bazerereyemo igihe kirekire. {AA 323.5}

Ari aho wenyine, Mose asubiza amaso inyuma areba imibereho ye yaranzwemo kubura amahwemo ndetse n’imihati ahereye igihe yaviriye mu cyubahiro cy’ibwami no mu gihugu gikize mu Misiri, akajya kwifatanya n’ubwoko bw’Imana bwatoranyijwe. Yibutse ya myaka myinshi yamaze mu butayu aragira umukumbi wa Yetiro, yibuka uko umumarayika yamubonekeye mu gihuru cyaka umuriro ndetse n’uko yahamagawe ngo ajye gucungura Abisiraheli. Yongeye kureba ibitangaza bikomeye by’imbaraga z’Imana byakorewe ubwoko bwatoranyijwe, yitegereza imbabazi zayo zabihanganiye cyane mu myaka yabo yo kuzerera no kugoma. Nubwo Imana yari yarabakoreye ibyo byose, nubwo Mose yabasabiraga kandi agakora adacogora, abantu babiri gusa mu bantu bakuru bose bo muri iyo mbaga yavuye mu Misiri, ni bo bagaragaye ko ari intungane ku buryo bashoboraga kwinjira mu Gihugu cy’Isezerano. Ubwo Mose yatekerezaga umusaruro uvuye mu miruho ye, imibereho ye yaranzwe n’ibigeragezo no kwitanga yasaga n’aho yabaye impfabusa. {AA 324.1}

Nyamara ntabwo yicujije imitwaro yari yarikoreye. Yari azi ko ubutumwa yari yarahawe n’umurimo yari yarashinzwe yari yarabihawe n’Imana ubwayo. Ubwo yahamagarwa ubwa mbere ngo ayobore Abisiraheli bave mu buretwa, yatinye iyo nshingano; ariko kuva igihe yemereye uwo mutwaro ntiyirengagije uwo mutwaro. Ndetse n’igihe Uwiteka yamubwiraga kumukiza akarimbura Abisiraheli bari bamugomeye, Mose ntiyabyemeye. Nubwo ibigeragezo yahuye nabyo byari byagiye bimukomerera, yagiye abona ibimrnyetso byihariye by’uko Imana imwitayeho; yari yarigiye ibintu bikomeye mu myaka bamaze mu butayu abona ukwigaragaza kw’imbaraga n’ikuzo by’Imana ndetse no mu gusabana n’urukundo rwayo. Yiyumvisemo ko yari yarahisemo neza ubwo yemeraga kubabarana n’ubwoko bw’Imana aho kwishimira ibinezeza by’ibyaha by’igihe gito. {AA 324.2}

Ubwo yasubizaga amaso inyuma akareba imibereho yagize nk’umuyobozi w’ubwoko bw’Imana, igikorwa kimwe kibi cyarabyangije byose. Iyo biba ibishoboka ngo icyo gicumuro gihanagurwe, yiyumvagamo yuko atajyaga gutinya urupfu. Yijejwe ko kwihana no kwizera Igitambo cyasezeranywe ari byo byonyine Imana yasabaga, maze Mose arongera yatura icyaha cye maze asaba kubabarirwa mu izina rya Yesu. {AA 324.3}

Noneho yeretswe Igihugu cy’Isezerano. Umugabane wose w’icyo gihugu wari

urambuye imbere ye, kitagaragara nabi nubwo cyari kimwitaruye, ahubwo cyasaga neza, kigaragara, kandi kibereye amaso ye. Aho ngaho ntiyacyeretswe nk'uko cyari kiri icyo gihe, ahubwo yacyeretswe nk'uko cyari kuzaba kimeze cyuzuyemo imigisha ubwo Abisiraheli bari kuzaba bamaze kucyigarurira. Yasaga n'uwitegereza Edeni ya kabiri. Muri cyo hari imisozi yari iriho ibiti by'amasederi y'i Lebanoni, utununga dutwikiriwe n'imyelayo kandi dutamamo impumuro y'inzabibu, ibibaya bigari bigizwe n'uburabyo kandi byuzuye amatunda, ibiti by'ibigazi, imirima y'ingano n'ingano za bushoki, yahuhwaga n'umuyaga, ibibaya byarasirwagamo n'izuba, byumvikanamo amajwi meza y'utugezi tunyonyomba n'indirimbo z'inyoni, imijyi myiza n'ubusitani bwiza, ibiyaga bikungahaye ku byiza byo mu mazi, imikumbi irisha mu tubande, ndetse no mu bitare by'amabuye inzuki zari zihahunitse ubuki. Rwose cyari igihugu gisa n'icyo Mose yabwiye Abisiraheli ubwo yari amurikiwe na Mwuka w'Imana ati: {AA 324.4}

"Igihugu cye gihabwe umugisha n'Uwiteka w'iby'igiciro cyinshi byo mu ijuru n'uw'ikime, n'uw'amazi y'ikuzimu, adendeje hasi y'ubutaka, n'uw'imyaka y'igiciro cyinshi yezwa n'izuba, . . . N'uw'ibirushaho kuba byiza biva mu misozi yahoze na kera, . . . N'uw'iby'igiciro cyinshi byo mu isi n'ibiyuzuye." {AA 325.1}

Mose yabonye ubwoko bwatoranyijwe butuye muri Kanani, umuryango wose uri muri gakondo yawo. Yeretswe amateka yabo nyuma y'igihe bari kuba bamaze gutura mu Gihugu cy'Isezerano; abona igitekerezo kirekire kibabaje cy'uko bari kuzareka Imana n'uburyo bari kuzabihanirwa. Kubera ibyaha byabo, yababonye batataniye mu bapagani, abona ikuzo ry'Imana riva mu Bisiraheli, abona umujyi wabo mwiza cyane uba amatongo n'abantu bawo bajyanyweho iminyago mu bihugu batazi. Yababonye kandi bagaruwe mu gihugu cya basekuruza, maze amaherezo bategekwa n'Abaroma. {AA 325.2}

Yemerewe kubona ibyari kuzaba kera cyane maze abona ukuza kwa mbere k'Umukiza wacu. Yabonye Yesu ari uruhinja i Betelehemu. Yumvise amajwi y'ingabo z'Abamarayika baririmba indirimbo y'ibyishimo basingiza Imana kandi bavuga bati: "amahoro abe mu isi." Yabonye inyenyeri mu ijuru yari iyoboye abanyabwenge b'iburasirazuba ibaganisha aho Yesu ari, maze umucyo mwinshi usaba mu bwenge bwe ubwo yibukaga amagambo y'ubuhanuzi avuga ngo: "Inyenyeri izakomoka mu bwoko bwa Yakobo, inkoni y'ubwami izaboneka iturutse mu bwoko bwa Isirayeli." {AA 325.3}

(Kubara 24:17). Yabonye imibereho ya Kristo yo kwicisha bugufi i Nazareti, umurimo we w'urukundo n'impuhwe no gukiza ndetse n'uko yanzwe n'ishyanga ryarangwaga n'ubwibone kandi ritizeraga. Yatangajwe no kumva birata amategeko y'Imana, nyamara Uwayatanze bakamusuzugura kandi bakamwanga. Yabonye Yesu ku musozi w'imyelayo arira asezera kuri uwo murwa yakundaga. Ubwo Mose yitegerezaga

kurekwa guheruka k’ubwo bwoko bwari bwarahawe umugisha n’Imana, abantu yari yararuhiye, akabasabira kandi akabitangira, abantu yari yaremeye ko izina rye rihanagurwa mu gitabo cy’ubugingo kubwabo; ubwo yumvaga aya magambo ateye ubwoba ngo: “Dore inzu yanyu muyisigiwe ari umusaka” (Matayo 23:38), umutima we washenguwe n’agahinda, abogoza amarira atewe agahinda n’umubabaro w’Umwana w’Imana. {AA 325.4}

Yakurikiye Umukiza i Gitsemani maze abona agahinda yagiriye muri ako gashyamba, abona kugambanirwa kwe, gushinyagurirwa, gukubitwa ibiboko no kubambwa. Mose yabonye ko nk’uko yamanitse inzoka mu butayu, ari ko Umwana w’Imana yagombaga kumanikwa kugira ngo uzamwizera wese, “atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho.” (Yohana 3:15). Agahinda, ishavu n’ubwoba byuzuye umutima wa Mose ubwo yarebaga uburyarya n’urwango rwa Satani Abayuda bari kugirira Umucunguzi wabo kandi ari we Mumalayika ukomeye wagendaga imbere y’abakurambere babo. Yumvise Kristo atakana umubabaro ati: “Mana yanjye, Mana yanjye, ni iki kikundekesheje?” (Mariko 15.34). Yamubonye aryamye mu mva nshya ya Yosefu. Byabaye nk’aho isi icuze umwijima wo kutagira ibyiringiro. Ariko yarongeye arareba, amubona anesheje, azamuka ajya mu ijuru ashagawe n’abamarayika bamuramyaga kandi ayoboye imbaga nini y’iminyago. Yabonye amarembo arabagirana akinguka kugira ngo amwakire ndetse n’ingabo zo mu ijuru ziririma indirimbo yo kunesha zakira Umugaba wazo. Aho kandi ni ho yahishuriwe ko ari we wari kuzafasha Umukiza akamukingurira amarembo y’iteka. Ubwo yitegerezaga ibyo, mu maso he hararabagiranye. Mbega uburyo ibigeragezo no kwitanga byaranze imibereho ye byabaye nk’ubusa abigereranyije n’iby’Umwana w’Imana! Mbega uburyo byari nk’ubusa bigereranyijwe n’“ubwiza bw’iteka ryose bukomeye.” (2 Abakorinto 4:17). Yishimiye ko yemerewe gufatanya imibabaro na Kristo, ndetse no ku rugero ruto. {AA 325.5}

Mose yabonye abigishwa ba Yesu bajyanye ubutumwa bwe bwiza ku isi. Yabonye ko nubwo Abisiraheli “ku mubiri” bananiwe kugera ku ntego ikomeye Imana yari yarabahamagariye, (ku kutizera kwabo bari barananiwe kuba umucyo w’isi), nubwo bari barasuzuguye imbabazi z’Imana kandi bagapfusha ubusa imigisha bahawe nk’ubwoko bwatoranyijwe, nyamara Imana ntiyari yaraciye urubyaro rwa Aburahamu. Imigambi myiza yari yaragambiriye gusohoreza mu Bisiraheli yagombaga gusohora. Kubwa Kristo, abantu bose bari kuzahinduka abana bo kwizera bari kuzabarwa ko ari urubyaro rwa Aburahamu, abaragwa b’amasezerano. Nk’uko byabaye kuri Aburahamu, bahamagariwe kurinda no kumenyesha abatuye isi amategeko y’Imana n’ubutumwa bwiza bw’Umwana wayo. Mose yabonye umucyo w’ubutumwa bwiza urabagiranira mu bigishwa ba Yesu maze ukagera ku bari mu mwijima. (Matayo 4:6), abona n’abantu ibihumbi byinshi bakomoka mu bihugu by’abanyamahanga bagana aho uwo mucyo warabagiraniraga. Yitegereje ibyo maze anezezwa n’uko Abisiraheli bagwiriye kandi

bagatunganirwa. {AA 326.1}

Nanone yongeye kwerekwa ibindi. Yari yereretswe umurimo wa Satani mu gutera Abayuda kwanga Kristo kandi baravugaga ko bubaha amategeko ya Se. Noneho yabonye Abakristo baguye muri icyo gishuko bavuga ko bemera Kristo kandi baranze amategeko y'Imana. Yari yarumvise abatambyi n'abakuru batera hejuru nk'abahanzweho bavuga bati: "Mukureho!" "Mubambe, Mubambe!" na none yumvise abiyita abigisha b'Abakristo batera hejuru bati: "Mukureho amategeko!" Yabonye Isabato ikandagirwa maze mu cyimbo cyayo hashyirwaho gahunda mpimbano idahuje n'amategeko. Mose yongeye gutangara cyane kandi bimutera ubwoba. Mbese abizera Kristo bashoboraga bate kwanga amategeko yavugiwe n'akanwa k'Imana kuri wa musozi wera? Ni mu buhe buryo umuntu wubahaga Imana yashoboraga kwirengagiza amategeko kandi ari yo rufatiro rw'ubutegetsi bwayo mu ijuru no ku isi? Mose yanejejwe no kubona amategeko y'Imana acyubahirizwa kandi akererezwa n'abantu bake b'intungane. Yabonye intambara ikomeye iheruka igihe abategetsi bo ku isi bazagerageza kurimbura abakurikiza amategeko y'Imana. Yarebye mu gihe cyari imbere cyane ubwo Imana yari kuzahaguruka kugira ngo ihanire abatuye isi gukiranirwa kwabo, kandi abubashye izina ryayo bazatwikirwa bahishwe ku munsi w'uburakari bwayo. Yumvise isezerano ry'Imana ry'amahoro igirana n'abitondera amategeko yayo ubwo yavugiraga mu buturo bwayo bwera maze ijuru n'isi bigahinda umushyitsi. Yabonye kugaruka kwa Kristo mu bwiza, abapfuye bakiranuka bazuriwe guhabwa ubugingo buhoraho, n'abera bazima bahinduwe batabanje gupfa, maze bose hamwe bazamuka baririmba indirimbo z'umunezero bajya mu Murwa w'Imana. {AA 326.2}

Na none yabonye ibindi, isi ivumuwe, ari nziza cyane kuruta Igihugu cy'Isezerano yari amaze kwerekwa. Nta cyaha cyari kiyiriho kandi urupfu rudashobora kuhagera. Ahi niho amahanga y'abacunguwe babonye gakondo yabo. Afite umunezero utavugwa, Mose yitegereje ibyo yeretswe, abona gucungurwa kw'agahozo kuruta ibyiringiro biruta ibindi byose yari yarigeze atekereza maze asabwa n'ibyishimo bitavugwa. Amaherezo Isiraheli y'Imana yari yinjiye mu gihugu cy'ibyiza, kuzerera yagiriye mu isi kurangiye by'iteka ryose. {AA 326.3}

Iyerekwa ryongeye guhagarara, maze akomeza guhanga amaso ye igihugu cy'i Kanani cyari hakurya ye kure. Hanyuma, nk'umusirikare wari urushye, yarambaraye hasi kugira ngo aruhuke. "Nuko Mose umugaragu w'Uwiteka apfira aho ngaho, mu gihugu cy'i Mowabu, uko Uwiteka yategetse. Amuhamba mu gikombe cyo mu gihugu cy'i Mowabu, giteganye n'i Betipewori: ariko ntawe uzi igituro cye na bugingo n'ubu." Abantu benshi batashakaga kumvira inama za Mose igihe yari akiri hamwe nabo bajyaga kugira akaga ko gukora icyaha cyo kuramya umurambo we, iyo bamenya aho yahambwe. Kubw'iyo mpamvu, uwo murambo wahishwe abantu. Ariko abamarayika b'Imana

bahambye umurambo w’umugaragu wayo w’indahemuka kandi barinda icyo gituro cyari cyonyine. {AA 327.1}

“Mu Bisirayeli ntihabonetse ukundi umuhanuzi uhwanye na Mose, uwo Uwiteka yamenyaga barebana. Ntawagereranywa nawe kubw’ibimenyetso n’ibitangaza byose Uwiteka yamutumye gukorera mu gihugu cya Egiputa . . . no kubw’amaboko menshi byose n’ibiteye ubwoba byose, Mose yakoreye mu maso y’Abisirayeli bose.” {AA 327.2}

Iyo imibereho ya Mose itaza kuba yarashyizwemo agatotsi na cya cyaha kimwe, ubwo yananirwaga guhesha Imana ikuzo akura amazi mu rutare ubwo bari i Kadeshi, aba yarinjiye mu Gihugu cy’Isezerano, kandi aba yarajyanwe mu ijuru atabanje gupfa. Ariko ntiyatinze mu gituro. Kristo ubwe, n’abamarayika bari bahambye Mose, baramanutse bava mu ijuru baza gukangura uwo mukiranutsi wari usinziriye. Satani yari yishimiye ko yashoboye gutuma Mose acumura ku Mana, bityo akaba agiye gutegekwa n’urupfu. Uwo mwanzi ukomeye yavuze ko amagambo y’Imana avuga ngo “uri umukungugu, mu mukungugu ni mo uzasubira” (Itangiriro 3:19), amuha abapfuye ngo babe abe. Imbaraga z’igituro zari zitarashenjagurwa, maze akavuga yuko abari mu bituro bose ari iminyago ye kandi ko itazigera iva mu nzu ye yayifungiyemo. {AA 327.3}

Ku nshuro ya mbere, Kristo yari agiye gutanga ubugingo bwe abapfuye. Ubwo Nyirubugingo n’abera begeraga igituro, Satani yagize impungenge z’ubutware bwe. Satani yahagararanye n’abadayimoni kugira ngo barwanire ubwami yitaga ubwe. Yiratage ko umugaragu w’Imana yamaze kuba imbohe ye. Yavuze ko na Mose atashoboye gukurikira amategeko y’Imana; ko yari yarihaye icyubahiro kigenewe Yehova (icyo kikaba cya cyaha cyatumye Satani yirukanwa mu ijuru), ndetse ko kubwo gucumura yatwarwaga na Satani. Uwo mugambanyi mukuru yasubiye mu birego bya mbere yari yarashinje ubutegetsi bw’Imana, kandi asubira mu kwinubira Imana avuga ko yamurenganyije. {AA 327.4}

Ntabwo Kristo yaciye bugufi ngo ajye guhangana na Satani. Kristo yashoboraga gushinja Satani umurimo w’ubugome wazanywe mu ijuru n’ubushukanyi bwe kandi watumye umubare munini cyane w’abaturage baho urimbuka. Yajyaga no kwerekana ibinyoma Satani yavugiye muri Edeni byateye Adamu gucumura maze bikazanira abantu urupfu. Yashoboraga kwibutsa Satani umurimo we wo gushuka Abisiraheli akabatera kwivovota no kwigomeka, umurimo wari waracogoje ukwihangana gukomeye k’umuyobozi wabo kandi mu gihe gitunguranye akaba yaramutunguye amugusha mu cyaha cyari cyatumye Mose apfa. Ariko ibyo byose Kristo yabihariye Se aravuga ati: “Umwami Imana iguhane.” (Yuda 9). Umukiza ntiyahanganye n’umwanzi we, ahubwo ako kanya akiri aho yahise atangira umurimo wo kumenagura imbaraga z’umwanzi waguye no kuzura uwari wapfuye. Icyo cyari ikimenyetso cy’uko Satani atashoboraga kuvuguruza ubutware bw’Umwana w’Imana. Umuzuko wari uhamijwe

burundu. Satani yambuwe umunyago we; abapfuye bakiranutse bazongera babeho. {AA 327.5}

Kubera ingaruka z'icyaha, Mose yari yagiye munsi y'ubutware bwa Satani. Kubera ibyo yakoze icyari kimukwiriye kwari ukuba imbohe y'urupfu; ariko yarazuwe ubutazongera gupfa, agumana icyubahiro cye mu izina ry'Umucunguzi. Mose yazutse afite ikuzo maze azamukana n'Umucunguzi we bajyana mu Rurembo rw'Imana. {AA 328.1}

Kugeza igihe ubutabera bw'Imana n'urukundo rwayo byagaragariye mu gitambo cya Kristo, ntibyari byarigeze bigaragazwa kurushwa uko byagaragarijwe mu byo Imana yakoreye Mose. Imana ntiyemereye Mose kujya i Kanani kugira ngo itange icyigisho kitazibagirana yuko isaba abantu kumvira byuzuye, kandi ko abantu bakwiriye kwirinda kwiha icyubahiro kigenewe Umuremyi wabo. Ntiyahaye Mose ibyo yasabaga ubwo yasabaga guhabwa ku murage w'Abisiraheli, ariko ntiyibagiwe cyangwa ngo ihane umugaragu wayo. Imana yo mu ijuru yari isobanukiwe imibabaro Mose yihanganiye. Imana yari yaritaye ku gikorwa cyose cy'umurimo Mose yakoranye ubudahemuka muri iyo myaka myinshi y'urugamba no kugeragezwa. Mu mpinga ya Pisiga, Imana yahamagariye Mose kumuha umurage mwiza cyane uhoraho uruta Kanani yo ku isi. {AA 328.2}

Ku musozi Yesu yahinduriweho ishusho ye ikarabagirana, Mose na Eliya bari barimuriwe mu ijuru, bari bari kuri uwo musozi. Bari boherejwe batwaye umucyo n'ikuzo bakuye kuri Data wa twese babizaniye Umwana we. Kandi muri ubwo buryo ni ko ishengesho Mose yari yarasenze mu myaka amagana menshi mbere y'aho amaherezo ryaje gusubizwa. Yahagaze ku "musozi mwiza," mu gihugu cy'umurage wahawe ubwoko bwe, ahamya uwo amasezerano yose yahawe Abisiraheli yerekezagaho. Ibyo ni byo biheruka byahishuriwe abantu byerekeye amateka y'uwo mugabo wahawe icyubahiro cyane n'Imana.

{AA 328.3}

Mose yashushanyaga Kristo. We ubwe yari yarabwiye Abisiraheli ati: "Uwiteka Imana yawe izabahagurukiza umuhanuzi umeze nkanjye, ukomotse hagati muri mwe, muri bene wanyu, azabe ari we mwumvira." (Gutegeka kwa kabiri 18:15). Imana yabonye ko ari ngombwa kwigishiriza Mose mu ishuri ry'umubabaro n'ubukene mbere y'uko aba ari umuntu witeguye kuyobora ingabo z'Abisiraheli akazijyana muri Kanani. Isiraheli y'Imana, iri mu rugendo yerekeza muri Kanani yo mu ijuru kandi ifite Umugaba udakeneye kwigishwa n'abantu kugira ngo ategurirwe umurimo we nk'umuyobozi washyizweho n'Imana. Nyamara, yatunganijwe binyuze mu kubabazwa; kandi "ubwo yababajwe no kugeragezwa ubwe, abasha no gutabara abageragezwa bose." (Abaheburayo 2:10,18). Nta ntege nke cyangwa kudatungana bya kimuntu byagaragaye ku Mucunguzi wacu; nyamara yapfuye kugira ngo atubashishe kuzinjira

mu Gihugu cy’Isezerano. {AA 328.4}

“Kandi koko Mose yakiranukaga mu nzu yayo hose nk’umugaragu, kugira ngo abe umugabo wo guhamya ibyajyaga kuvugwa hanyuma. Ariko Kristo akiranuka nk’Umwana utwara inzu yayo. Iyo nzu yayo ni twe, niba dukomeza rwose ubushizi bw’amanga n’ibyiringiro twiratana, ngo bikomere kugeza ku mperuka.” Abaheburayo 3:5,6. {AA 328.5}

IGICE CYA 44 - BAMBUKA YORODANI

Abisiraheli baririra umuyobozi wabo wari wapfuye, maze bamara iminsi mirongo itatu bakora imihango yihariye mu rwego rwo kumwibuka. Kugeza igihe yari atakibarangwamo, ntabwo bari barigeze basobanukirwa neza agaciro k’inama ze nziza, impuhwe ze za kibyeyi ndetse no kwizera kwe kudacogora gushikamye. Bibutse ibyigisho byiza yari yarabigishije ubwo yari akiri kumwe nabo maze bongera kunyurwa nabyo mu buryo bwimbitse. {AA 329.1}

Mose yarapfuye ariko ibyo yakoze byakoraga ku mitima y’abantu ntibyapfanye nawe. Byakomeje kubaho no kujya bigaruka mu mitima y’ubwoko bwe. Kwibuka uwo muntu wari utunganye kandi utarikanyizaga byari kuzakundwa cyane mu gihe kirekire kubw’imbaraga icecetse kandi yemeza yagombaga guhindura n’ubuzima bw’abari barasuzuguye amagambo ye akiri muzima. Nk’uko ikirengarenga cy’izuba kimurikira mu mpinga z’imisozi izuba rimaze kuminuka inyuma y’udusozi, ni na ko imirimo y’abera, intungane n’abantu beza imurikira isi nyuma y’igihe kirekire cyane abayikoze barapfuye. “Umukiranutsi azibukwa iteka ryose.” Zaburi 112:6. {AA 329.2}

Nubwo abantu bagize agahinda kenshi kubw’igihombo gikomeye bari bagize cyo kubura Mose, bari bazi ko badasigaye bonyine. Inkingi y’igicu yakomeje kuba hejuru y’ihema ry’ibonaniro ku manywa n’inkingi y’umuriro ikahaba nijoro. Icyo cyari igihamya cy’uko Imana izakomeza kubayobora no kubafasha mu gihe bari kugendera mu nzira y’amategeko yayo. {AA 329.3}

Ubwo Yosuwa ni we wari umuyobozi wemewe w’Abisiraheli. Yari azwi cyane ko ari umuntu w’intwari, kandi icyo gihe impano ze n’ubupfura bwe byahawe agaciro mu buryo bwihariye mu mateka y’ubwoko bwe. Kugira ubutwari, kudakebakeba, kwihangana, ubutungane ndetse no kutita ku nyungu ze bwite kubwo kwita kubo yari

ashinzwe, ndetse ikiruta byose agakoreshwa no kwizera Imana kuzima; iyo ni o mico yarangaga umugabo watoranyijwe n'Imana kugira ngo ayobore ingabo z'Abisiraheli azinjize mu Gihugu cy'Isezerano. Mu gihe Abisiraheli babaga mu butayu, Yosuwa yari yarakoze nka minisitiri w'intebe wa Mose, kandi kubwo kuba umwizerwa nyakuri ndetse utuje, gushikama kwe ubwo abandi badohokaga, kudateshuka kwe ku kuri ari mu byago, byari byarabaye igihamya cy'uko ari we muntu ukwiriye gusimbura Mose na mbere y'uko ijwi ry'Imana rimuhamagarira kujya mu mwanya we. {AA 329.4}

Yosuwa yitegereje umurimo wari imbere ye maze arahangayika cyane kandi ntiyigirira icyizere; ariko ubwoba yari afite yabukijijwe no guhumuriza n'Imana imwiringiza iti: "Nk'uko nabanaga na Mose, ni ko nzabana na we; sinzagusiga, kandi sinzaguhana . . . uzatuma aba bantu bazungura igihugu narahiye ko nzaha ba sekuruza babo." "Aho muzakandagira hose ndahabahaye, nk'uko nabwiye Mose." Kugeza kure mu mpinga z'imisozi z'i Lebanoni, kugera ku nkengero z'inyanja nini no kugera ku nkengero za Ufurate mu burasirazuba, aho hose hagombaga kuba ahabo. {AA 329.5}

Kuri iri sezerano yahawe hongeweho uku kwihanangirizwa aya ngo: "Icyakora ukomere, ushikame cyane kugira ngo witondere amategeko yose umugaragu wanjye Mose yagutegetse." Imana yamuhaye aya mabwiriza iti: "Ibiri muri iki gitabo cy'amategeko ntukarorere kubihamisha akanwa kawe; ahubwo, ujye ubitekereza ku manywa na nijoro," "ntuzayateshuke, uciye iburyo cyangwa ibumoso; [...] "ni ho uzahirwa mu nzira zawe, ukabashishwa byose." {AA 330.1}

Abisiraheli bari bakibambye amahema yabo iburasirazuba bwa Yorodani, kandi Yorodani ni yo yari inkomyi ya mbere yari imbere yabo yababuzaga kwinjira muri Kanani. Ubutumwa bwa mbere Imana yahaye Yosuwa bwari ubu ngo: "Haguruka, wambukane n'aba bantu bose ruriya ruzi rwa Yorodani, mujye mu gihugu mbahaye." Nta mabwiriza bahawe yerekeye uburyo bagombaga kwambuka. Nyamara Yosuwa yari azi ko ibyo Imana yategetse byose izashakira ubwoko bwayo uburyo bwo kubikora, kandi muri uko kwizera, uwo muyobozi w'intwari yahereyeko atangira kwitegura ngo bakomeze urugendo rwabo. {AA 330.2}

Ku ntera y'ibirometero bike cyane uvuye ku ruzi rwa Yorodani, ahari hateganye n'aho Abisiraheli bari bakambitse, hari umujyi wa Yeriko wari ufite inkike zikomeye cyane. Byagaragaraga ko uyu mujyi ari wo rembo ryinjira muri icyo gihugu cyose, kandi wajyaga kubera Abisiraheli inzitizi ikomeye. Kubw'iyo mpamvu, Yosuwa yohereje abasore babiri b'abatasi kugira ngo basure uwo mujyi kandi bagire n'icyo bamenya ku baturage bawo, ubukungu bwawo no gukomera k'uburinzi urindishijwe. Kubera ko abaturage b'uwo mujyi bari batewe n'ubwoba kandi bakekakeka umuntu wese, bahoraga bari maso maze bituma abo batasi bagwa mu kaga gakomeye. Ariko barokowe na Rahabu, umugore w'i Yeriko, wabikoze yigerejeho. Ku bw'ineza yabagiriye,

bamusezeranyiye yuko nta cyo azaba nibafata uwo mujyi. {AA 330.3}

Abo batasi bagarukanye inkuru nziza bavuga bati: “Ni ukuri koko, Uwiteka ashyize iki gihugu cyose mu maboko yacu, kandi bene cyo twabakuye umutima.” Bari babwiriwe i Yeriko aya magambo ngo: “Twumvise uburyo Uwiteka yakamije Inyanja Itukura muyigezeho muva mu Egiputa, n’ibyo mwagiriye abami bombi b’Abamori bo hakurya ya Yorodani, Sihoni na Ogi, abo mwarimbuye rwose. Tubyumvise, uwo mwanya imitima yacu ishya ubwoba, nta muntu n’umwe mutakuye umutima, kuko Uwiteka Imana yanyu ari yo Mana yo hejuru mu ijuru no hasi mu isi.” {AA 330.4}

Noneho bahise bahabwa amabwinizwa yo kwitegura ngo bakomeze urugendo. Abantu bagombaga gutegura ibyo kurya bizamara iminsi itatu, kandi ingabo nazo zagombaga kwitegura urugamba. Bose bemereye icyarimwe gahunda umuyobozi wabo abahaye kandi bamugaragariza icyizere bamufitiye n’uko bamushyigikiye bati: “Ibyo udutegeka byose tuzabikora, n’aho uzadutuma hose tuzajyayo. Nk’uko twumviraga Mose muri byose, nawe ni ko tuzakumvira; icyakora Uwiteka Imana yawe ibane nawe, nk’uko yabanaga na Mose.” {AA 330.5}

Nuko ingabo ziva aho bari bakambitse i Shitimu, ziramanuka zijya ku nkengero za Yorodani. Nyamara bose bari bazi ko baramutse badafashijwe n’Imana nta byiringiro bagira byo kwambuka. Muri ayo mezi y’umwaka (hari mu gihe cyitangira ry’ubushyuhe) urubura rwo ku misozi rwashongaga rwari rwatumye Yorodani yuzura ku buryo inkombe zari zarengewe ntibishoboke yuko umuntu yakwambuka nk’uko bisanzwe. Imana yashakaga ko Abisiraheli bambuka Yorodani mu buryo bw’igitangaza. Yosuwa abibwiwe n’Imana, yategetse abantu kwiyeza; bagombaga kureka ibyaha byabo kandi bakiyuhagiraho imyanda y’inyuma ku mubiri. Yaravuze ati: “Kuko ejo Uwiteka azakora ibitangaza muri mwe.” “Isanduku y’isezerano” yagombaga kubajya imbere. Igihe babonaga ikimenyetso cy’uko Imana iri kumwe nabo (ari cyo sanduku y’isezerano), gihetswe n’abatambyi, gikuwe ahacyo hagati mu nkambi maze kikerekeza ku ruzi, nabo bagombaga guhaguruka bakayikurikira. Ibyagombaga kuba mu kwambuka kwabo byari byavuzwe mbere; maze Yosuwa aravuga ati: “Iki ni cyo kizabamenyesha yuko Imana Ihoraho iri muri mwe, kandi yuko itazabura kubaneshereza Abanyakanani... nimwitegereze isanduku y’isezerano ry’Uwiteka nyir’isi yose, irababanziriza muri Yorodani.” {AA 330.6}

Igihe cyateganyijwe kigeze barahaguruka bakomeza urugendo, bayobowe n’isanduku y’isezerano yari ihetswe n’abatambyi ku ntugu. Abantu bari bahawe amabwiriza yo kutegera abari bahetse isanduku bityo hagati yabo hakajya intera ijya kungana na kirometero imwe. Abantu bose biterezanyije amatsiko menshi ubwo abatambyi bamanukaga bagana ku nkombe za Yorodani. Bababonye bagenda bigengesereye bahetse isanduku yera berekeza ku ruzi rwasumaga cyane, kugeza ubwo ibirenge

by’abari bayihetse byarengewe n’amazi. Mu kanya gato cyane amazi yo haruguru yarahagaze, naho ayo hepfo arakomeza aratemba, maze ubutaka uruzi rwanyuragaho buragaragara. {AA 331.1}

Kubw’itegeko ry’Imana, abatambyi barakomeza maze bageze hagati barahagarara n’abandi bose baramanuka barambuka bajya ku nkombe yo hakurya. Uko ni ko Abisiraheli bagaragarijwe neza igihamya cy’uko imbaraga yahagaritse amazi ya Yorodani ari na yo yari yarakinguriye amarembo ababyeyi babo mu Nyanja Itukura mu myaka mirongo ine yari ishize. Igihe abantu bose bari bamaze kwambuka, isanduku ubwayo yarambukijwe ijyanwa ku nkombe y’iburengerazuba. Isanduku ikimara kwambuka n’abatambyi bakimara gushinga ibirenge imusozi, amazi yari yagomewe arahomboka, arasendera arenga inkombe z’ uruzi. {AA 331.2}

Abantu bo mu bisekuru byagombaga kuzakurikiraho ntibagombaga gusigara badateganyirijwe igihamya kigaragaza icyo gitangaza gikomeye. Igihe abatambyi bari bahetse isanduku bari bagihagaze muri Yorodani hagati, hari habanje gutoranywa abagabo cumi na babiri, umwe umwe muri buri muryango, buri wese yagombaga gutoragura ibuye rimwe aho uruzi rwanyuraga, aho abatambyi bari bahagaze maze akaryambukana ku nkombe y’iburengerazuba. Ayo mabuye yagombaga gushingwa aho babambye amahema yabo ubwa mbere hakurya y’uruzi akaba urwibutso. Abisiraheli bategetswe kuzajya basubiriramo abuzukuru n’abuzukuruza babo igitekerezo cyo gucungurwa kwabo Imana yabagiriye nk’uko Yosuwa yabivuze ati: “Kugira ngo amahanga yose yo mu isi amenye ko Uwiteka agira amaboko akomeye, bajye batinya Uwiteka Imana yanyu iteka ryose.” {AA 331.3}

Impinduka icyo gitangaza cyagombaga gutera ku Bisiraheli no ku banzi babo yari ikomeye cyane. Icyo gitangaza cyizezaga Abisiraheli yuko Imana yari igikomeje kuba muri bo no kubarinda, kikaba n’igihamya cy’uko Imana izabafasha ikoresheje Yosuwa nk’uko yakoresheje Mose. Ibyiringiro nk’ibyo byari bikenewe kugira ngo bikomeze imitima yabo ubwo bari bagiye kwigarurira icyo gihugu kandi iyo ikaba yari inshingano itoroshye yari yaracogoje ukwizera kw’ababyeyi babo mu myaka mirongo ine yari ishize. Mbere y’uko bambuka Uwiteka yari yabwiye Yosuwa ati: “Uyu munsi ndatangira kugukuza mu maso y’Abisirayeli bose, kugira ngo bamenye yuko ndi kumwe na we nk’uko nabanaga na Mose.” Ibyabayeho byasohoje iryo sezerano. “Uwo munsi Uwiteka akuza Yosuwa mu maso y’Abisirayeli bose, baramwubaha, nk’uko bubahaga Mose, iminsi yose yamaze akiriho.” {AA 331.4}

Uku kwigaragaza kw’imbaraga z’Imana mu byo yagiriye Abisiraheli kwari kugambiriye nanone kongera ubwoba bw’amahanga yari abakikije yabatinyaga, bityo bikabategurira uburyo bworoshye bwo kuyatsinda burundu. Ubwo inkuru y’uko Imana yahagaritse amazi ya Yorodani imbere y’Abisiraheli yageraga ku bami b’Abamori

n’ab’Abanyakanani, imitima yabo yahiye ubwoba bwinshi. Abaheburayo bari baramaze kwica abami batanu b’i Midiyani, barishe umwami w’Abamori wari ukomeye witwaga Sihoni, na Ogi umwami w’i Bashani, maze noneho kwambuka Yorodani kwabo yahagaze kandi ishega bitera ubwoba bwinshi amahanga yari abakikije. Ari Abanyakanani, ari Abisiraheli bose na Yosuwa ubwe, bose bari bahawe igihamya kidashidikanywaho ko Imana nzima, Umwami w’ijuru n’isi, yari hagati mu bantu be kandi ko atazigera abareka cyangwa ngo abatererane. {AA 332.1}

Hafi ya Yorodani ni ho Abaheburayo babambye amahema yabo ubwa mbere muri Kanani. Aho ni ho Yosuwa “yakebeye Abisiraheli;” “nuko Abisirayeli babamba amahema i Gilugali, baziririza Pasika.” Guhagarikwa k’umuhango wo gukebwa kwabayeho uhereye ubwo bigomekeraga i Kadeshi, byari byarabaye igihamya gihoraho ku Bisiraheli ko bishe isezerano Imana yagiranye nabo, nyamara gukebwa cyari ikimenyetso gihamya iryo sezerano. Nanone kandi guhagarika kwizihiza Pasika, kandi yari urwibutso rwo gucungurwa kwabo bakurwa mu Misiri, byari byarabaye igihamya cy’uko Uwiteka atanejejwe n’uko bifuje gusubira mu gihugu cy’uburetwa. Ariko noneho, imyaka yo kurekwa yari irangiye. Imana yongeye kuzirikana Abisiraheli nk’ubwoko bwayo, kandi ikimenyetso cy’isezerano cyongera gusubizwaho. Umuhango wo gukebwa wakorewe abantu bose bari baravukiye mu butayu. Maze Uwiteka abwira Yosuwa ati: “None mbakuyeho igisuzuguriro Abanyegiputa babasuzuguraga,” kandi mu rwego rwo kwerekeza kuri uwo muhango, aho hantu baribabambye amahema bahita Gilugali, bisobanura “gukuraho.” {AA 332.2}

Amoko y’abapagani yari yaragiye asuzugura Uwiteka n’ubwoko bwe kuko Abaheburayo bari barananiwe kwigarurira Kanani bakiva mu Misiri nk’uko bari babyiteze. Abanzi babo bari baratsinze kuko Abisiraheli bari barazerereye igihe kirekire cyane mu butayu, kandi mu buryo bwo kubakwena, abapagani bavugaga ko Imana y’Abaheburayo itashoboraga kubazana mu Gihugu cy’Isezerano. Noneho Uwiteka yari yerekanye ububasha n’urukundo bye mu buryo bukomeye, atandukanya uruzi rwa Yorodani imbere y’ubwoko bwe, bityo abanzi babo ntibari kuzongera kubasuzugura. {AA 332.3}

“Ku munsi wa cumi n’ine w’ukwezi nimugoroba,” bizihirije Pasika mu kibaya cya Yeriko. “Bukeye bw’umunsi wa Pasika, uwo munsi nyine bawuryaho ibigugu by’ingano zo muri icyo gihugu, n’udutsima tudasembuwe n’ibigori bikaranze. Nuko bukeye bw’uwo munsi baririyeho ibigugu by’ingano zo muri icyo gihugu, manu ntiyongera kuboneka, Abisiraheli ntibongera kubona manu ukundi, ahubwo uwo mwaka barya imyaka y’igihugu cy’i Kanani.” Imyaka myinshi bamaze bazerera mu butayu yari irangiye. Amaherezo Abisiraheli bagendagendaga mu Gihugu cy’Isezerano. {AA 333.1}

IGICE CYA 45 - KUGWA KWA YERIKO

Abaheburayo bari bamaze kwinjira muri Kanani, ariko bari batarayitsinda ngo bayihindure; kandi mu mirebere ya kimuntu, urugamba rwo kwigarurira icyo gihugu rwagombaga kumara igihe kirekire kandi rukomeye. Kanani yari ituwe n'ubwoko bw'abantu b'abanyambaraga, bwari bwiteguye cyane kurwanya abatera igihugu cyabo. Amoko atandukanye yari yarishyize hamwe kubwo guterwa ubwoba n'akaga kabibasira bose. Amafarashi yabo n'amagare y'ibyuma y'intambara, kumenya neza igihugu cyabo, no kuba bari baratojwe iby'intambara byabashaga kubahesha amahirwe yo gutsinda. Byongeye kandi, igihugu cyari kirinzwe cyane n'imidugudu igoteshejwe inkike z'amabuye zigera ku ijuru. (Gutegeka kwa kabiri 9:1). Keretse gusa ku bwo kwiringira imbaraga zitari izabo ni ho Abisiraheli bari bateze gutsinda muri iyo ntambara yari ibategereje. {AA 334.1}

Umwe mu mijyi yari ikomeye cyane kurusha iyindi muri icyo gihugu wari Yeriko. Yeriko yari nini, ikungahaye kandi iri imbere yabo ku ntera ngufi uvuye aho babambye amahema yabo i Gilugali. Ku rubibi rw'ikibaya kirumbuka cyari gikungahaye kirimo n'umusaruro w'ibihingwa bitandukanye, hari ingoro z'abakomeye n'ingoro z'ibigirwamana byarangaga kudamarara n'ingeso mbi. Iminara miremire y'uwo mujyi w'ubwibone yawuteraga gusuzugura Imana y'Abisiraheli. Yeriko yari umwe mu byicaro by'ingenzi byo gusengerwamo ibigirwamana, ariko by'umwihariko ikaba yari yareguriwe Ashitaroti, ikigirwamanakazi cy'ukwezi. Aho ni ho hari isangano ry'ibizira byose bikabije n'ibibi byarangaga idini ry'Abanyakanani. Abisiraheli bari bacyibuka neza ingaruka zishishana z'icyaha bakoreye i Betipewori, barebaga uwo mujyi w'ubupagani bakawuzinukwa kandi ukabatera ishozi. {AA 334.2}

Yosuwa yabonye ko gutsinda Yeriko ari yo ntambwe ya mbere bagomba gutera mu kwigarurira Kanani. Ariko mbere ya byose, yashatse igihamya cy'uko Imana izabayobora, kandi aragihabwa. Ubwo yari yavuye mu nkambi akajya kwiherera no gusaba Imana ya Isiraheli kugira ngo izagende imbere y'ubwoko bwayo, yabonye umurwanyi wambariye urugamba, ufite igihagararo n'igitinyiro, "afite inkota mu ntoke." Ku kibazo Yosuwa yamubajije ati: "Mbese uri uwo mu bacu cyangwa uwo mu babisha bacu?" yaramusubije ati: "Oya, ahubwo nje nonaha kubera ingabo z'Uwiteka umugaba." Rya tegeko ryahawe Mose ubwo yari ku musozi wa Horebu ngo: "Kwetura inkweto mu birenge byawe, kuko aho uhagaze aha ari ahera," ryagaragaje kamere nyakuri y'uwo mushyitsi udasanzwe. Kristo, Nyirikuzo ni we wari uhagaze imbere y'umuyobozi w'Abisiraheli. Yosuwa yahinze umushyitsi, maze agwa hasi yubamye aramuramya, nuko yumva amagambo y'ibyiringiro ngo: "Dore nkugabije i Yeriko n'umwami waho n'intwari zaho." Icyakurikiyeho yaje guhabwa amabwiriza y'uko azigarurira uwo mujyi. {AA 334.3}

Ku bwo kumvira itegeko ry’Imana, Yosuwa yayoboye ingabo za Isiraheli. Ntibagombaga gushotora. Bagombaga kuzenguruka uwo mujyi gusa, bahetse isanduku y’Imana kandi bavuza impanda. Imbere habanje abarwanyi bakomeye, itsinda ry’abantu b’abagabo batoranyijwe, ariko noneho batigaruriye Yeriko kubw’ubuhanga bwabo n’ubutwari bwabo, ahubwo ari kubwo kumvira amabwiriza bahawe n’Imana. Hakurikiyeho abatambyi barindwi bavuza impanda. Hakurikiraho Isanduku y’Imana, igoswe n’ikuzo ry’Imana, ihetswe n’abatambyi bambaye imyambaro yerakana umurimo wabo wera. Nuko hakurikiraho ingabo z’Abisiraheli, umuryango wose uri hamwe n’ibendera ryawo. Uwo ni wo mutambagiro wazengutse uwo mujyi wari mu mahenuka. Nta jwi ryumvikanaga uretse imirindi y’izo ngabo zikomeye n’amajwi meza y’impanda (amahembe) yirangiraga mu misozi akumvikana mu tuyira tw’i Yeriko. Bazengurutse uwo mujyi barawurangiza, izo ngabo zigaruka ku mahema yazo zicecetse maze isanduku nayo isubizwa mu myanya wayo mu ihema ry’ibonaniro. {AA 334.4}

Abarinzi b’umujyi barebaga urwo rugendo bumiwe kandi batangaye babimenyesha abategetsi. Ntabwo bamenye na gato ubusobanuro bw’uyu mwiyereko; ariko ubwo babonaga izo ngabo zikomeye cyane zizenguka umujyi wabo incuro imwe ku munsi, zifite isanduku yera y’Isezerano n’abatambyi bayihetse, ibanga ry’iyo migenzereze ryateye ubwoba mu mitima y’umutambyi na rubanda [bo mu mujyi]. Na none bagombaga kugenzura uburinzi bwabo bukomeye, bakumva neza ko bashobora kuzanesha igihe bagabweho igitero gikomeye. Abantu benshi basuzuguraga cyane igitekerezo cy’uko hari ikibi gishobora kuzabageraho giturutse kuri iyo myiyereko gusa. Abandi bagiraga ubwoba cyane uko bagendaga babona umwiyereko wa buri munsi Abisiraheli bazenguruka umujyi. Bibutse ko igihe kimwe Inyanja itukura yitandukanyirije imbere y’ubwo bwoko, kandi ko inzira yahise ikingurwa imbere yabwo mu ruzi rwa Yorodani. Ntabwo bari bazi rero ibitangaza bindi Imana yari kubakorera.

{AA 335.1}

Ingabo z’Abisiraheli zazengurutse umujyi wa Yeriko iminsi itandatu. Umunsi wa karindwi ugeze, kare kare mu rukerera, Yosuwa arangaza imbere y’ingabo z’Uwiteka. Noneho bahawe amabwiriza yo kuzenguruka Yeriko incuro ndwi no kuvuza impanda (amahembe) baranguruye cyane, kuko Uwiteka yari yabagabije uwo mujyi.

{AA 335.2}

Izo ngabo nyinshi zizenguka izo nkike zitonze. Bose bari batuje uretse injyana y’imirindi y’abantu benshi bagendaga, n’amajwi y’impanda (amahembe) yumvikanaga rimwe na rimwe mu gitondo cya kare hatuje. Inkike nini zari zubakishijwe amabuye akomeye zasaga n’izidashobora gusenywa n’abantu. Abarinzi bari ku nkike bakomeje kubyitegerezanya ubwoba bwinshi, ubwo babonaga kuzengurukwa bwa mbere

birangiye, hagakurikiraho incuro ya kabiri, incuro ya gatatu, incuro ya kane, incuro ya gatanu, incuro ya gatandatu. Mbese umugambi w'uko kuzenguruka kw'amayobera wari kuba uwuhe? Mbese ibintu bikomeye byari bigiye kuba byari ibiki? Ntabwo bari bagifite igihe kirekire cyo gutegereza. Ubwo bari bamaze kuzenguruka ku ncuro ya karindwi, uwo mwiyereko muremure warahagaze. Za mpanda zari zimaze umwanya zicecetse noneho zaravugijwe cyane ku buryo amajwi yazo yanyeganyeje isi. Za nkike z'amabuye akomeye, hamwe n'iminara yazo miremire biremereye, biranyeganyega, byiyasa imitutu bihereye mu mfatiro, maze biridukira hasi biba nk'amatongo. Abaturage b'i Yeriko bari batashywe n'ubwoba, maze ingabo z'Abisiraheli zinjira muri uwo mujyi zirawigarurira. {AA 335.3}

Ntabwo Abisiraheli batsinze kubwo imbaraga zabo bwite; ahubwo intsinzi yose yari iy'Uwiteka; kandi umusaruro wa mbere w'imbuto z'icyo gihugu, umujyi hamwe n'ibyari biwurimo byose, byagombaga kwegurirwa Imana ho igitambo. Abisiraheli bagombaga kwigishwa ko mu gutsinda Kanani batagombaga kwirwanirira, ko ahubwo bagomba kuba ibikoresho byo gushyira mu bikorwa ubushake bw'Imana; ntibashake ubutunzi cyangwa kwishyira hejuru kwabo, ahubwo bakogeza icyubahiro cya Yehova Umwami wabo. Mbere y'uko bigarurira Kanani bari bahawe itegeko ngo: "Namwe muzirinde mu buryo bwose ikintu cyose cyashinganywe; kuko nimugikoraho muzazanira urugerero rw'Abisirayeli umuvumo n'amakuba." {AA 335.4}

Abaturage bose bo muri uwo mujyi, hamwe n'ikintu cyose gihumeka cyari kiwurimo, "abagabo n'abagore, abaton'abakuru n'inka n'intama n'indogobe" babyicishwa inkota. Keretse gusa Rahabu wari indahemuka, hamwe n'ab'umuryango we bose nibo barokowe, kugira ngo hasohozwe rya sezerano abatasi bari baramusezeraniye. Umujyi ubwawo waratwitswe; ibihome byawo n'ingoro zawo, amazu yawo y'ibitangarirwa n'ibikoresho bya gikungu byayarangwagamo, imyenda y'igiciro cyinshi n'iby'imirimbo byose biratwikwa. Ikitashoboraga gutwikwa n'umuriro, nk'"ifeza n'izahabu, n'ibikoresho by'imiringa n'iby'ibyuma," byagombaga kwegurirwa umurimo wo mu ihema ry'ibonaniro. Aho hantu uwo mujyi wai wubatswe hari havumwe; Yeriko ntiyagombaga kuzongera gusanwa ngo ikomere; ibihano byari biteganyirijwe umuntu wese guhangara gusana inkike zari zasenywe n'imbaraga z'Imana. Abisiraheli bose bari barabwiriwe mu ruhame amagambo akomeye ngo: "Umuntu uzaghaguruka akajya kubaka uyu mudugudu w'i Yeriko, avumwe imbere y'Uwiteka. Igihe azubaka imfatiro zaho, apfushe imfura ye; n'igihe azahaterera inzugi z'amarembo azapfushe umuhererezi we." {AA 336.1}

Kurimbuka gukomeye kw'abantu b'i Yeriko kwari ugusohora kw'amabwiriza yari yaratanzwe mbere anyujijwe kuri Mose ku byerekeye abaturage b'i Kanani ngo: "Uzabarimbure rwose." (Gutegeka kwa kabiri 7:2). "Ariko mu midugudu y'aya mahanga, . . . ntuzakize ikintu cyose gihumeka." (Gutegeka kwa kabiri 20:16). Ku bantu benshi

ayo mategeko asa n’aho anyuranye n’umwuka w’urukundo n’imbabazi bitegekwa mu yindi migabane y’ibitabo bigize Bibiliya, ariko mu by’ukuri yari amategeko atanzwe na Nyirubwenge n’ineza bitagerwa. Imana yari iri hafi gutuza Abisiraheli i Kanani, muri bo ikahashyira ishyanga n’ubutegetsi bwagombaga kugaragaza ubwami bwayo ku isi. Ntibagombaga kuba abaragwa b’iyobokamana nyakuri gusa, ahubwo bagombaga no kwamamaza amahame yaryo mu isi yose. Abanyakanani bari barirunduriye mu bibi bikabije bya gipagani, kandi byari ngombwa ko igihugu gihumanurwamo ikintu cyose cyazitiraga gusohora kw’imigambi myiza y’Imana. {AA 336.2}

Abaturage b’i Kanani bari barahawe amahirwe ahagije yo kwihana. Mu myaka mirongo ine mbere y’icyo gihe, kwitandukanya kw’Inyanja Itukura ndetse n’ibihano byahanishijwe Misiri byari byarahamije ububasha bw’Imana y’Abisiraheli. Ubu na bwo gukurwaho kw’abami b’ i Midiyani, i Galeyadi n’ i Bashani, ryongeye kugaragaza cyane ko Yehova aruta ibigirwamana byose. Ubutungane bw’imico ye n’urwango yanga ibibi rwagaragariye mu bihano yasutse ku Bisiraheli bitewe n’uko bifatanyije bakagira uruhare mu mihango izira y’ i Bali-Pewori. Ibyo bikorwa byose byari bizwi n’abaturage b’i Yeriko, ndetse harimo benshi bari basangiye na Rahabu ibyo yemeraga nubwo banze rwose kubyumvira. Rahabu yemeraga ko Yehova, Imana ya Isiraheli, “ari yo Mana iri mu ijuru hejuru, no ku isi ukagera ikuzimu.” Nk’uko byari bimeze ku bantu ba mbere y’Umwuzure, Abanyakanani bari babereyeho gusa gutuka Ijuru no konona no kwanduza isi. Urukundo n’ubutabera byasabaga ko habaho igihano cyihuse gihabwa abo bantu bagomeye Imana ndetse bagahinduka n’abanzi b’umuntu. {AA 336.3}

Mbega uburyo byoroheye ingabo zo mu ijuru guhirika inkike z’i Yeriko, uwo mujyi warangwaga n’ubwibone wari ufite inkike zikomeye zari zarateye ubwoba bwinshi abatasi batizeraga mu myaka mirongo ine yari ishize! Nyirububasha Imana ya Isiraheli yari yaravuze iti: “Dore nkugabije i Yeriko.” Nta mbaraga z’umuntu zashoboraga guhangana n’iryo jambo. {AA 337.1}

‘Ku bwo kwizera inkike z’ i Yeriko zararidutse’ (Abaheburayo 11.30). Umugaba w’ingabo z’Uwiteka yavuganye na Yosuwa gusa. Ntabwo yigeze yihishurira iteraniro ryose, bityo bagombaga kwizera cyangwa bagashidikanya amagambo ya Yosuwa, bakumvira amategeko abahaye mu izina ry’Uwiteka cyangwa bakanga ubutegetsi bwe. Abisiraheli ntibashoboraga kubona imitwe y’ingabo z’abamarayika bari babatabaye bayobowe n’Umwana w’Imana. Bagomba kuba baratekereje bati: “Mbega ukuntu iyi myiyereko idasobanutse, mbega uburyo bikojeje isoni kuzenguruka inkike z’uyu murwa buri munsi, tuvuza impanda zikozwe mu mahembe y’amapfizi y’intama. Ibi ntacyo byakora ku minara ikomeye.” Nyamara umugambi nyawo wo gukomeza uwo muhango wo kuzenguruka mu gihe kirekire nk’icyo kibanzirira isenyuka rya nyuma ry’inkike, watanze umwanya wo gukuza kwizera mu Bisiraheli. Byagombaga kwandikwa mu bwenge bwabo ko imbaraga zabo zitakomokaga mu bwenge bwa muntu, cyangwa mu

mbaraga ze, ko ahubwo zikomokaga ku Mana y’agakiza kabo. Kubw’ibyo, bagombaga kumenyera kwishingikiriza gusa ku Muyobozi wabo wo mu ijuru. {AA 337.2}

Imana izakorera ibikomeye abayizigira. Impamvu abavuga ko ari ubwoko bwayo badafite imbaraga ikomeye, ni uko biringira cyane ubuhanga bwabo bwite, bityo ntibahe Uwiteka umwanya wo kugaragaza imbaraga ze ku bwabo. Mu bihe bikomeye byose, Uwiteka azafasha abana be bamwiringira nibaramuka bashyize ibyiringiro byabo byose muri we kandi bakamwumvira badakebakeba. {AA 337.3}

Nyuma gato yo kugwa kwa Yeriko, Yosuwa yagambiriye gutera Ayi, akadugudu gato kari mu bihanamanga ku birometero bike ugana mu burengerazuba bw’ikibaya cya Yorodani. Abatasi boherejwe muri ako kadugudu bagarukanye inkuru ivuga ko abaturage baho ari bake, kandi ko ingabo nke gusa ari zo zikenewe kugira ngo bahatsinde. {AA 337.4}

Intsinzi ikomeye Imana yari yabahesheje, yatumye Abisiraheli bigirira icyizere. Kuko Imana yari yarabasezeraniye igihugu cy’i Kanani, bumvise batekanye maze bananirwa kumenya ko ubufasha bw’Imana bwonyine ari bwo bubahesha intsinzi. Ndetse na Yosuwa yateguye imigambi ye yo kwigarurira Ayi atigeze agisha Imana inama. {AA 337.5}

Abisiraheli bari batangiye kurata imbaraga zabo bwite ndetse no kunnyega abanzi babo. Bari biringiye kunesha mu buryo bworoshye, maze batekereza ko ingabo ibihumbi bitatu zihagije kugira ngo zifate uwo mudugudu. Izo ngabo zihutiye kugaba igitero nta gihamya zifite cy’uko Imana izabana nabo. Barasatiriye bagera hafi y’irembo ry’umudugudu ngo basakirane n’ingabo nyinshi zakereye kubarwanya. Batenguwe n’ubwoba ubwo bari babonye ubwinshi n’imyiteguro ihagije by’abanzi babo maze bahunga batazi iyo bajya bamanuka ku gacuri. Abanyakanani babakurikiranye imbaraga nyinshi “babavana imbere y’irembo ryabo, . . . babirukana ikijyepfo.” Nubwo abapfuye bari bake urebye ku mubare wabo, kuba abantu mirongwitatu na batandatu barishwe, uko gutsindwa kwakuye umutima iteraniro ryose ry’Abisiraheli. “Imitima y’abantu ishya ubwoba, ihinduka nk’amazi.” Iyo yari inshuro ya mbere basakiranye n’Abanyakanani, kandi niba bari bahunze imbere y’abarwaniriraga ako kadugudu gato, byari kugenda bite mu ntambara zikomeye zari imbere yabo? Yosuwa yitegereje gutsindwa bagize, asanga ari ikigaragaza ko Imana itabishimye, maze muri ako kababaro no kumirwa “ashishimura imyenda ye, agwa yubamye imbere y’Isanduka y’Uwiteka, ageza nimugoroba, we n’abakuru b’Abisirayeli bitera umukungugu mu mitwe.” {AA 337.6}

Yosuwa yaratatse ati: “Ayi we, Nyagasani Mana! Ni iki cyatumye wambutsa aba bantu Yorodani, ukaba udushyize mu maboko y’Abamori ngo baturimbure? . . . None Mana ndacyavuze iki, ubwo Abisiraheli bahaye ibitugu ababisha babo? Abanyakanani n’abo

mu gihugu cyose nibabyumva, bazatugota, bazimanganye amazina yacu mu isi. None se, izina ryawe rikuru uzarirengera ute?” {AA 338.1}

Uwiteka asubiza Yosuwa ati: “Byuka; ni iki gitumye ugwa wubamye? Abisiraheli bacumuye kuko baciye mu itegeko ryanjye nabategetse.” Cyari igihe cyo gufata umwanzuro wihutirwa, nticyari igihe cyo kwiheba no kuganya. Mu nkambi hari habaye icyaha gihishwe, kandi cyagombaga gutahurwa kigakurwa imbere y’Uwiteka maze imigisha ye ikabasha kuba ku bwoko bwe. “Ndetse sinzongera kubana namwe ukundi, keretse murimbuye ikivume mukagikura muri mwe.” {AA 338.2}

Itegeko ry’Imana ryari ryasuzuguwe n’umwe mu bari batoranyirijwe gushira mu bikorwa ibihano byayo. Ndetse n’ishyanga ryose ryari cyashyizweho igicumuro cy’uwo mugome: “Batwaye ku bintu byashinganywe, barabyiba barirengagiza, ndetse babishyira mu bintu byabo.” Yosuwa yahawe amabwiriza amufasha gutahura no guhana uwo mugome. Bagombaga gufinda ubufindo kugira ngo batahure uwo munyabyaha. Ntabwo umunyagicumuro yahise yerekanwa ako kanya, ikibazo cyabaye nk’igishidikanywaho igihe gito kugira ngo abantu babanze bumve inshingano bafite kubw’ibyaha biri hagati muri bo, bityo bibatere kwisuzuma mu mitima no kwiyoroshya imbere y’Imana. {AA 338.3}

Kare kare mu museso, Yosuwa yateranyirije abantu bose hamwe uko imiryango yabo iri, maze wa muhango ukomeye cyane w’ubufindo uratangira. Buhoro buhoro ubushakashatsi bwarakomeje. Birakomeza, birakomeza bigera ku yindi ntera iteye ubwoba. Bwa mbere hasuzumwa umuryango, hakurikiraho amazu, hakurikiraho inzu imwe imwe, maze amaherezo umuntu arafatwa; nuko Akani umuhungu wa Karumi, wo mu muryango wa Yuda atungwa urutoke n’ukuboko kw’Imana ko ari we wateye Abisiraheli akaga. {AA 338.4}

Kugira ngo he kuba ibibazo bijyanye n’icyaha cye, kandi ngo he kuzaba ikirego cy’uko yaba yararenganyijwe, Yosuwa yarahije Akani ngo avugishe ukuri. Uwo munyacyaha yatuye icyaha cye rwose agira ati: “Ni ukuri koko, ni jye wacumuye ku Uhoraho Imana y’Abisiraheli . . . i Yeriko nahabonye umwambaro mwiza wo muri Babiloniya, n’ibiro bibiri by’ifeza na garama magana atanu by’izahabu. Narabyifuje ndabitwara mbitaba mu ihema, ifeza ni zo ziri hasi.” Nuko bahita bohereza intumwa mu ihema rya Akani, maze bacukura aho yabarangiye maze, “basanga bya bintu bitabyemo, ifeza ari zo ziri hasi. Nuko babisohora mu ihema babishyira Yosuwa, . . . babirambika imbere y’Uhoraho.” {AA 338.5}

Yaciriwe urubanza kandi ruhita rushyirwa mu bikorwa. Yosuwa yaravuze ati: “Ni iki cyatumye utugwa nabi? Na we Uwiteka arakugwa nabi uyu munsi.” Kubera ko abantu bari bagiweho n’icyaha cya Akani kandi bakagerwaho n’ingaruka zacyo, binyuze mu babahagarariye bagombaga kugira uruhare mu kugihana. “Abisiraheli bose bamutera

amabuye.” {AA 339.1}

Birangiye bamurundaho ikirundo kinini cy’amabuye nk’igihamya cy’icyaha cye n’igihano cyacyo. Nuko icyo gikombe bacyita igikombe cya “Akori” bisobanura ngo “amakuba.” Mu gitabo cy’ibyo ku Ngoma harimo urwibutso rwe rwanditsemo ngo: “wababazaga Isiraheli.” 1 Ngoma 2:7. {AA 339.2}

Icyaha cya Akani cyakozwe bitewe no gusuzugura imiburo yumvikana neza kandi y’ukuri ndetse no kwigaragaza gukomeye k’ububasha bw’Imana. Abisiraheli bose bari babwiwe ngo: “Mwirinde ubwanyu kwenda ku bintu byashinganywe, keretse niba namwe mushaka kuvumwa.” Iri tegeko ryatanzwe bakimara kwambuka Yorodani mu buryo bw’igitangaza, bamaze kuzirikana isezerano ry’Imana bagakebwa- bamaze kwizihiza Pasika, na nyuma yo kwigaragaza kwa Malayika w’Isezerano, Umugaba w’Ingabo z’Ishoborabyose. Iryo tegeko ryari ryakurikiwe no kugwa kwa Yeriko, bitanga ibyiringiro byo kurimbuka kwari kuzaba ku bagomera amategeko y’Imana bose. Kuba ububasha bw’Imana bwonyine ari bwo bwahaye intsinzi Abisiraheli, kuba batarigaruriye Yeriko kubw’imbaraga zabo bwite, byahaye uburemere itegeko ryababuzaga gufata ku bintu bivumwe. Kubw’ubushobozi bw’Ijambo ryayo, Imana yari yarashenye icyo gihome. Intsinzi yari iyayo, kandi umurwa n’ibyari biwurimo byose nabyo byagombaga gushinganwa. {AA 339.3}

Muri izo miliyoni z’Abisiraheli harimo umuntu umwe gusa, wahangaye kugomera itegeko ry’Imana muri iyo saha ikomeye y’intsinzi n’urubanza [kuri Yeriko]. Kwifuza kwa Akani kwabyukijwe n’ubwiza bw’uwo mwambaro w’igiciro wo mu gihugu cy’ i Shinari; ndetse n’igihe wari umugejeje aho agomba kwicwa ubwe yawise “Umwambaro mwiza w’i Shinari

.” Icyaha kimwe cyari cyateje intambwe yo gukora ikindi, maze afata izahabu n’ifeza byerejwe ububiko bw’Uwiteka. Yibye Imana ku muganura wo mu gihugu cy’ i Kanani. {AA 339.4}

Icyaha simusiga cyagejeje Akani ku kurimbuka cyari gishinzi imizi yacyo mu kwifuza. Mu byaha byose iki ni cyo rusange kandi usanga ari cyo gifatwa ko cyoroheje kurenza ibindi. Mu gihe ibindi byaha bigenzurwa bigatahurwa kandi bigahanirwa, ni kangahe icyaha cyo kwica itegeko rya cumi cyamaganwa? Uburemere bw’iki cyaha n’ingaruka njyanamuntu zacyo, ni byo byigisho dusanga mu gitekerezo cya Akani.

{AA 339.5}

Kwifuza ni ikibi kigenda gikura buhoro buhoro. Akani yari yarimitse ingeso yo gukunda indonke kugeza ubwo ihindutse akamenyero, imubohesha iminyururu inangiye atashoboraga guca. Mu mwanya wo kwihambira kuri iki kibi, yagombaga kugira

ubwoba kubwo gutekereza icyago yateje Abisiraheli; ariko intekerezo ze zari zaramugajwe n'icyaha; maze igishuko kije, atsindwa bitagoranye. {AA 339.6}

Mbese ibyaha nk'ibyo ntibigikorwa, kandi haratanzwe imiburo yumvikana? Tubujijwe rwose guha intebe kwifuza nk'uko Akani yari yabujijwe gutwara ku minyago y' i Yeriko. Imana yavuze ko ibyo ari ugusenga ibigirwamana. Turaburirwa ngo: "Ntimubasha gukorera Imana n'ubutunzi." (Matayo 6:24). "Mwitonde kandi mwirinde kwifuza kose." (Luka 12:15). "Ntibikavugwe rwose muri mwe" (Efeso 5:3). Imbere yacu natwe tuhafite iteka riteye ubwoba Akani yaciriweho, irya Yuda, irya Ananiya na Safira. Mbere y'iteka ryaciriwe aba bose, hari iteka Lusiferi "umwana w'umuseke" yaciriweho. Lusiferi yifuje umwanya wo hejuru maze atakaza ubwiza n'umunezero byo mu ijuru. Nyamara n'ubwo hari iyo miburo yose, kwifuza kuraganje. {AA 340.1}

Ahantu hose, ibimenyetso byako bito biragaragara. Kwifuza gutera ubushyamirane n'amacakubiri mu miryango; gutera igomwa n'urwango hagati y'abakene n'abakire; kugatera abakire gukandamiza abakene. Nyamara iki cyaha ntabwo kiba mu b'isi gusa, ahubwo kiba no mu itorero. Mbega ukuntu bisigaye ari gikwira mu itorero hose kubonamo kwikunda, kurarikira, ubugugu, kwirengagiza kugira neza no kwiba Imana "icya cumi n'amaturo." Benshi mu bagize itorero "bagaragara neza kandi badasiba" harimo ba Akani benshi! Abantu benshi baza mu rusengero, bakicara ku meza y'Umwami, kandi mu mitungo yabo hahishwemo indonke z'inyibano, ibintu Imana yavumye. Bitewe n'umwambaro mwiza w'i Babuloni, abantu benshi cyane muri iki gihe bemera guhara ibyo umutimanama ubemeza n'ibyiringiro byabo by'ijuru. Abantu batabarika bagurana ubupfura bwabo no kuba ingirakamaro kwabo agapfunyika ka shekeli y'ifeza. Iminiho y'abakene bababazwa ntiyitabwaho; umucyo w'ubutumwa bwiza urapfukiranwa, gukwenwa n'ab'isi bikongezwa n'imikorere inyurana n'Ubukristo; nyamara uwo uvuga ko ari Umukristo kandi yifuza iby'abandi agakomeza kwirundanyiriza ubutunzi. Uwiteka aravuga ati: "Mbese umuntu yakwiba Imana ibyayo? Ariko dore mwarabinyibye" Malaki 3:8. {AA 340.2}

Icyaha cya Akani cyateje ishyanga ryose akaga. Kubera icyaha cy'umuntu umwe, uburakari bw'Imana buzaguma ku Itorero ryayo kugeza igihe ubugome buzashakishwa maze bukarandurwa. Niba hari amatwara n'ibikorwa itorero rigomba gutinya kurusha ibindi, ntabwo ari iby'abarirwanya ku mugaragaro, abatizera, n'abatuka Imana. Ahubwo rigomba gutinya ibikorwa by'abitirirwa Kristo bakebakeba. Bene abo ni bo basubiza inyuma imigisha y'Imana ya Isiraheli kandi bagateza intege nke ubwoko bwayo. {AA 340.3}

Igihe itorero riri mu ngorane, igihe ubukonje no gusubira inyuma mu by'umwuka biriho, bigaha abanzi b'Imana urwaho rwo gutsinda, niba bimeze bityo, aho kwipfumbata no kuganya kubw'ako kaga, nimucyo abagize itorero bashakishe niba nta Akani ubarimo.

Mu mwuka wo kwicisha bugufi no kwinira mu mutima, mureke buri wese aharanire gutahura ibyaha bihishwe bitubuza amahirwe yo kubana n'Imana. {AA 340.4}

Akani yemeye icyaha cye, ariko kwatura kwe byari byatinze kugira ngo bimugirire akamaro. Yari yarabonye ingabo za Isiraheli zitahuka ziva kuri Ayi zineshejwe kandi zakutse umutima; nyamara, ntiyarushya aza azisanga ngo yature icyaha cye acyihane. Yari yarabonye Yosuwa n'abakuru ba Isiraheli bacuritse imitwe ku butaka bashavuye bitavugwa. Iyo icyo gihe yatura icyaha cye, aba yaragaragaje kwihana nyakuri; ariko yakomeje kwicecekera. Yari yumvise itangazo rivuga ko hari icyaha gikomeye cyakozwe, ndetse yari yumvise n'imiterere yacyo yose ivugwa kandi irondorwa. Ariko yakomeje kubumba iminwa ye. Hakurikiyeho kugenzura bikomeye. Mbega uko ubugingo bwe bwahinze umushyitsi kubera ubwoba ubwo yabonaga ubufindo bufashe umuryango we mugari, hanyuma inzu ya se, hanyuma inzu ye bwite! Ariko na bwo ntiyatura, kugeza aho urutoke rw'Imana rumwerekaniye. Ubwo icyaha cye cyari kitagihishiriwe, ni bwo yemeye ukuri. Ni kangahe kwatura nk'uko kubaho. Hari itandukaniro rikomeye cyane hagati yo kwemera ibyakozwe nyuma yuko bimaze kugaragazwa no kwatura ibyaha bizwi gusa natwe ubwacu n'Imana. Akani ntaba yaratuye iyo atiringira ko gukora atyo birabuza ingaruka z'icyaha cye. Nyamara kwatura kwe nta kindi kwamaze uretse kugaragaza ko igihano cye ari icy'ukuri. Nta kwihana icyaha nyakuri yari afite, nta mutima umenetse, nta guhindura imigambi, nta no kuzinukwa icyaha byari bimurimo. {AA 340.5}

Uko ni ko abanyabyaha bazatura ibyaha ubwo bazaba bahagaze imbere y'urukiko rw'Imana nyuma y'uko urubanza rwose ruzaba rwamaze gucibwa ruhesha ubugingo cyangwa urupfu. Ingaruka zizagera kuri buri wese zizamutera kuzirikana icyaha cye. Bizasunikwa n'imbaraga yo mu mutima itewe no kumva ko aciriweho iteka ndetse no guterwa ubwoba no kuba ategereje urubanza. Ariko rero, bene uko kwihana ntikubasha gukiza umunyabyaha. {AA 341.1}

Igihe cyose bagishobye guhisha ibicumuro byabo bagenzi babo, abantu benshi nka Akani, bumva biturije, kandi bakishima bishuka bibwira ko Imana itazahana icyaha yihanukiriye. Bose bazaba baramaze gukererwa cyane ibyaha byabo bibagaragaze kuri urya munsi ubwo batazezwa n'igitambo by'iteka ryose. Ubwo ibitabo byo mu ijuru bizabumburwa, ntabwo Umucamanza azavugisha amagambo ngo abwire umuntu icyaha cye, ahubwo azabararanganyamo amaso, ijisho rye ricengere, ijisho ryemeza abantu ibyaha byabo, maze igikorwa cyose n'ibyo umuntu yakoze mu buzima bwe, bizaherako byandikwe mu bwenge bw'umunyacyaha. Ntabwo bizaba ngombwa ko umuntu ashakishwa mu muryango we nk'uko byabaye mu gihe cya Yosuwa, ahubwo akanwa ke ubwe ni ko kazatura ikimwaro afite. Ibyaha byahishwe abantu ntibabimenye, bizatangarizwa isi yose. {AA 341.2

IGICE CYA 46 - IMIGISHA N’IMIVUMO

Nyuma yo guhanwa kwa Akani, Yosuwa yategetswe kuyobora abantu bose b’abarwanyi maze bagatera Ayi. Imbaraga z’Imana zari kumwe n’abantu bayo, kandi bidatinze bari bigaruriye uwo mudugudu. {AA 342.1}

Noneho ibikorwa bya gisirikari byabaye bisubitswe kugira ngo Abisiraheli bose babashe kwinjira muri gahunda nziza yo kuramya Imana. Abantu bari bafite ishyushyu ryinshi ryo kwinjira muri Kanani; kandi kugeza ubwo, nta mazu cyangwa amasambu bari bafite yo guha imiryango yabo, none rero kugira ngo babashe kubibona, bagombaga kwirukana Abanyakanani; nyamara uwo murimo w’ingenzi wagombaga gusubikwa, kubera ko hari inshingano ikomeye bagombaga kubanza kurangamira. {AA 342.2}

Mbere yo kwigarurira umurage wabo, bagombaga kuvugurura isezerano ryabo ryo kuba indahemuka ku Mana. Mu kubihanangiriza guheruka kwa Mose, bari bategetswe incuro ebyiri ko imiryango yose igomba guhamagarwa igateranira ku misozi ya Ebali na Gerizimu, i Shekemu kugira ngo bamenyeshwe amategeko y’Imana ku mugaragaro. Mu rwego rwo kumvira ayo mabwiriza, abantu bose uko bungana, atari abagabo gusa, ahubwo n’“abagore n’abana ndetse n’abanyamahanga bari babarimo” bavuye mu nkambi yabo i Gilugali, maze bambukiranya igihugu cy’abanzi babo, bagera ku kibaya cy’ i Shekimu, hafi y’isangano ry’igihugu. Nubwo bari bazengurutswe n’abanzi bari bataratsinda, babaga amahoro barinzwe n’Imana igihe cyose bari indahemuka kuri yo. Noneho nk’uko byabaye mu gihe cya Yakobo, “Imana yateye ubwoba imidugudu ibagose” (Itangiriro 35:5), kandi Abaheburayo ntibahuganaga. {AA 342.3}

Ahantu hatoranyijwe ngo hakorerwe uwo muhango ukomeye, ni hamwe hari hasanzwe hera bikomotse ku mateka y’abakurambere babo. Aho ni ho Aburahamu yubakiye Uwiteka urutambiro bwa mbere mu gihugu cy’i Kanani. Aho ni ho Aburahamu na Yakobo bari barabambye amahema yabo. Aho kandi ni ho Yakobo yaguze isambu imiryango yagombaga kuzahamba umurambo wa Yosefu. Aho kandi ni ho hari iriba Yakobo yari yaracukuye kandi hakaba hari n’ibiti aho munsi yabyo yari yarahambye ibishushanyo byasengwaga yakuye mu bo mu rugo rwe. {AA 342.4}

Ahantu hatoranyijwe hari hamwe mu turere nyaburanga muri Palesitina yose, kandi hari hakwiriye kuba hakorerwa uwo muhango mwiza kandi w’agatangaza. Icyo kibaya cyiza, inzuri zacyo zitoshye zari zirimo utununga turiho imyelayo, cyavomererwaga n’utugezi duturuka mu masoko adudubiza, kigoswe n’uburabyo bwo mu gasozi bwumbuye, cyari kirambuye hagati y’imisozi y’umutarwe. Ebali na Gerizimu yari irateganye, yombi isa n’aho yegeranye rwose, uduhinga twayo tugufi dusa naho turemye uruhimbi karemano, ijambo ryose rivugiwe mu gahinga k’umusozi umwe

ryumvikana nta nteteri ku wundi musozi, mu gihe utubande twitaruranye twari twicayemo imbaga nini y’abantu. {AA 342.5}

Hakurikijwe amabwiriza yatanzwe na Mose, urwibutso rw’amabuye manini cyane rwubatswe ku musozi Ebali. Hejuru y’ayo mabuye, yari yarabanje gutegurwa agatwikirizwa ubutare bumeze nka sima itose, handitswe amategeko. Ntabwo handitswe amategeko cumi yavugiwe kuri Sinayi gusa kandi akaba yari yanditswe ku bisate by’amabuye, ahubwo handitswe n’amategeko yabwiwe Mose ndetse akayandika mu gitabo. Iruhande rw’urwo rwibutso hubatswe urutambiro bakoresheje amabuye adaconzwe, maze kuri rwo bahatambira Uwiteka ibitambo. Kuba urutambiro rwarubatswe ku musozi wa Ebali wari waravumwe, byari bifite ubusobanuro, byerekana ko kubera kwica amategeko y’Imana kwabo, Abisiraheli bari barikururiye umujinya wayo kandi ko umunsi umwe yari kuzabihanirwa, nyamara binyuze mu gitambo cya Kristo cyashushanyijwe n’igicaniro cy’ibitambo. {AA 342.6}

Imiryango itandatu muri yo (abakomoka kuri Leya na Rasheli) yahagaze ku musozi Gerizimu; naho abakomokaga ku nshoreke hamwe n’aba Rubeni na Zebuloni bo bahagaze ku musozi Ebali. Abatambyi bafite isanduku y’isezerano bo bahagaze mu kibaya hagati y’iyo misozi. Abantu basabwe gucecekera icyarimwe hakoreshjwe ijwi ry’impanda; maze muri iryo tuza n’imbere y’iryo teraniro rinini, Yosuwa ahagarara iruhande rw’isanduku y’isezerano maze asoma imigisha yagombaga gukurikira kumvira amategeko y’Imana. Imiryango yose yari ihagaze ku musozi Gerizimu yikiriza ivuga iti: Amina. Yakurikijeho gusoma imivumo [yari gukurikira kutumvira amategeko y’Imana], maze imiryango yose iri ku musozi wa Ebali nayo yikiriza igira iti” Amina, amajwi y’abantu ibihumbi byinshi yikiririza icyarimwe nk’aho ari ijwi ry’umuntu umwe. Nyuma y’ibyo hakurikiyeho gusoma amategeko y’Imana, hamwe n’amabwiriza n’amateka basigiwe na Mose. {AA 343.1}

Abisiraheli bari baraherewe amategeko kuri Sinayi avuzwe n’akanwa k’Imana; kandi inyandiko y’ayo mategeko yanditswe n’ikiganza cy’Imana ubwayo yari akibitswe mu isanduku y’isezerano. Noneho yari yanditswe aho abantu bose bashobora kuyasoma. Abantu bose bari bafite amahirwe yo kubona ibyo isezerano ribasaba kugira ngo bazigarurire Kanani. Abantu bose bagombaga kwatura ko bemeye ibyo iryosezerano rivuga kandi bakemera imigisha cyangwa imivumo bizabageraho nibayumvira cyangwa nibayasuzugura. Ntabwo amategeko yanditswe gusa kuri ayo mabuye y’urwibutso, ahubwo yanasomwe na Yosuwa ubwe Abisiraheli bose bateze amatwi. Ntabwo hari hashize ibyumweru byinshi Mose atanze igitabo cyose cyo Gutegeka kwa kabiri agisobanurira abantu, nyamara iki gihe cyo Yosuwa yongeye gusoma amategeko. {AA 343.2}

Ntabwo abagabo bo mu Bisiraheli ari bo gusa bumvise ayo mategeko asomwa,

ahubwo “n’abagore bose n’abana;” kubera ko byari ngombwa ko nabo bayamenya kandi bagakora ibyo abasaba. Ku byerekeye aya mategeko, Imana yari yarategetse Abisiraheli iti: “Nuko mubike ayo magambo yanjye mu mitima yanyu no mu bugingo bwanyu, muyahambire kumaboko yanyu, ababere ikimenyetso, muyashyire mu mpanga zanyu hagati y’amaso yanyu. Mujye muyigisha abana banyu, . . . kugira ngo iminsi yanyu igwirire, mwebwe n’abana banyu, mu gihugu Uwiteka yarahiriye ba sekuruza banyu ko azabaha, ihwane n’iy’ijuru riri hejuru y’isi.” Gutegeka kwa kabiri 11:18-21. {AA 343.3}

Buri mwaka wa karindwi, amategeko yose yagombaga gusomerwa mu iteraniro ry’Abisiraheli, nk’uko Mose yari yarategetse ati: “Uko imyaka irindwi ishize, mu gihe cyashyizweho cy’umwaka wo guhara, mu minsi mikuru y’ingando, Abisirayeli bose bazanywe no kubonekera imbere y’Uwiteka Imana yawe ahantu izaba yaratoranije, uzajye usomera aya mategeko imbere y’Abisirayeli bose bayumva. Uzajye uteranya abantu, abagabo n’abagore n’abana bato n’umusuhuke w’umunyamahanga uri iwanyu, kugira ngo bayumve, bayige bubahe Uwiteka Imana yanyu, bitondere amagambo yose y’aya mategeko, bayumvire: no kugira ngo abana babo batigeze kuyamenya bayumve, bige guhora bubaha Uwiteka Imana yanyu, igihe cyose muri mu gihugu mwambuka Yorodani mujyanwamo no guhindura.” Gutegeka kwa kabiri 31:10-13. {AA 343.4}

Satani ahora akora ubudacogora amaranira kugoreka ibyo Imana yavuze, kurindagiza ubwenge no kwijimisha intekerezo z’abantu, bityo akagusha abantu mu cyaha. Iyi ni yo mpamvu Imana isobanura neza, ikagaragaza neza ibyo isaba kugira ngo hatagira uyoba. Imana ihora ishaka gushyira abantu munsi y’uburinzi bwayo kugira ngo Satani atabona uko abashukisha ubucakura n’imbaraga z’ubuhendanyi bwe. Yiyemeje kwicisha bugufi kugira ngo ibabwize ijwi ryayo bwite, yandikisha urutoke rwayo bwite amagambo yayo abeshaho. Kandi ayo magambo yahiriwe, yuzuye ubugingo kandi amurika ukuri, yahawe abantu ngo ababere umuyobozi utunganye. Bitewe n’uko Satani yiteguye kuyobya intekerezo z’ abantu no kwangiza umutima ngo we gukunda amasezerano y’Imana n’ibyo isaba, hakenewe umwete mwinshi ngo bishimangirwe mu mutima. {AA 344.1}

Abigisha iby’iyobokamana bakwiriye kwigengesera cyane mu gihe bigisha abantu ibyerekeye ibintu bifatika n’ibyigisho biri mu mateka ya Bibiliya, ndetse n’imiburo n’ibyo Uwiteka asaba. Ibyo byose bikwiniye gusobanurwa mu mvugo yoroheje, ikwiranye n’imyumvire y’abana. Kureba ko abana bigishwa Ibyanditswe bikwiriye kuba umugabane umwe w’umurimo w’ababwirizabutumwa n’ababyeyi.

{AA 344.2}

Ababyeyi bashobora kandi bakwiriye gushishikariza abana babo kwiga ubumenyi bw’ingeri nyinshi buri mu mpapuro zera. Nyamara niba bashishikariza abahungu

n’abakobwa babo kwiga ijambo ry’Imana, na bo ubwabo bakwiriye kubanza kurishishikarira. Bagomba kumenyera ibyo inyigisho z’ijambo ry’Imana, kandi nk’uko Imana yategetse Abisiraheli, bakwiriye “kuyavuga bicaye mu mazu yabo, n’uko bagenda mu nzira, n’uko baryamye n’uko babyutse.” (Gutegeka kwa kabiri 11:19). Abifuza ko abana babo bakunda kandi bakubaha Imana, bagomba kuganira iby’ineza yayo, igitinyiro cyayo n’ububasha bwayo nk’uko byerekanwa mu ijambo ryayo ndetse no mu mirimo yayo y’irema. {AA 344.3}

Igice cyose n’umurongo wose wa Bibiliya ni ubutumwa buvuye ku Mana bugenewe abantu. Dukwiriye guhambira amategeko yayo mu biganza byacu no mu ruhanga rwacu hagati y’amaso yacu nk’ikimenyetso. Bibiliya yizwe kandi ikumvirwa, yayobora ubwoko bw’Imana, nk’uko Abisiraheli bayoborwaga n’inkingi y’igicu ku manywa n’inkingi y’umuriro nijoro. {AA 344.4}

IGICE CYA 47 - ABISIRAHELI BAGIRANA AMASEZERANO N’ABANYAGIBEYONI

Bavuye i Shekimu, Abisiraheli basubiye mu nkambi yabo i Gilugali. Bakihagera basuwe n’intumwa zidasanzwe, zifuzaga kugirana amasezerano nabo. Izo ntumwa zavuze ko ziturutse mu gihugu cya kure, kandi byasaga n’ibihamywa n’uko bari bameze. Imyenda yabo yari ishaje kandi yaratobaguritse, inkweto zabo zishaje kandi ziteye ibiremo, kandi imitsima bari bitwaje yaragwengeye, yaravungaguritse, n’impago z’impu batwaragamo divayi zaracikaguritse ziteyemo ibiremo kandi zidozwe nk’izasaniwe mu rugendo hutihuti. {AA 345.1}

Mu gihugu cyabo “cya kure” (bavugaga ko kiri kure cyane y’imbibi za Palesitina), bavugaga ko abo mu gihugu cyabo bari barumvise ibitangaza Imana yari yarakoreye ubwoko bwayo maze bigatuma babohereza kugira ngo bagirane amasezerano n’Abisiraheli. Abaheburayo bari barihanangirijwe cyane ko badakwiriye kugira ubufatanye cyangwa isezerano iryo ari ryo ryose n’abasenga ibigirwamana b’ i Kanani, maze bituma mu mitima y’abayobozi habaho gushidikanya ku kuri kw’amagambo y’izo ntumwa. Baravuze bati: “Ahari muri abaturanyi bacu ; none twabasha dute gusezerana namwe ?” Nuko izo ntumwa zirabasubiza ziti: ‘Twebwe turi abagaragu banyu.’ Ariko ubwo Yosuwa yazibazaga yahuranyije ati: ‘Muri bwoko ki? Muraturuka he?’ Basubiyemo ibyo bari bavuze mbere, kandi kugira ngo bagaragaze ko bavugisha ukuri

bongeraho aya magambo ngo: “Kandi iyi mitsima yacu twayihambiriye mu mazu y’iwacu igishyushye, umunsi duhaguruka tukaza kubareba, none yaragwengeye, iguye uruhumbu: kandi n’izi mvumba twazujuje vino zikiri nshya, none dore ziratobaguritse; imyambaro n’inkweto bidusaziyeho kubw’urugendo rurerure cyane.” {AA 345.2}

Ibyo bavuze byemeje Abisiraheli. Abaheburayo “ntibasobanuza Uwiteka. Nuko Yosuwa asezerana na bo isezerano ry’amahoro no kutazabica; n’abatware b’itoraniro barabarahira.” Nuko baba bagiranye isezerano, maze iminsi itatu ishize, ukuri kuramenyekana. « Bumva ko ari abaturanyi babo, kandi ko batuye hagati yabo. » Kubera kumenya ko badashobora gutsinda Abaheburayo, Abanyagibewoni bakoresheje uburyarya kugira ngo bakize ubugingo bwabo. {AA 345.3}

Ubwo Abisiraheli bamenyaga ko Abanyagibeyoni babashutse, bakozwe n’isoni cyane. Ibi byafashe intera ndende ubwo bageraga ku mijyi y’Abanyagibeyoni, bugufi bw’isangano ry’igihugu, nyuma y’urugendo rw’iminsi itatu. «Iteraniro ryose ryitotombera ; » ariko abatware banga gusesa isezerano, nubwo ryari rishingiye ku buryarya, kuko bari “barabarahiye Uwiteka Imana y’Abisiraheli.” ” Abisirayeli ntibabica. » Abagibeyoni na bo bari barahiye ko baretse gusenga ibigirwamana, ndetse bahamya ko bemeye kuramya Yehova. Ubwo rero kutabica ntibyari ukugomera itegeko ry’Imana ryasabaga kurimbura Abanyakanani basengaga ibigirwamana. Na none kandi ku ruhande rw’Abaheburayo, ntabwo ku bw’indahiro yabo bari barahiriye gukora icyaha. Ndetse nubwo indahiro yari yabayeho bikomotse ku buryarya, ntabwo yagombaga guhinyurwa. Icyo umuntu arahiriye (iyo kitamusaba gukora ikibi) gikwiriye gufatwa ko kitavogerwa. Nta kureba ku nyungu, guhora inzigo no kwikunda bishobora mu buryo ubwo ari bwo bwose kwangiza kudaca ku ndahiro cyangwa amasezerano. “Ururimi rubeshya ni ikizira ku Uwiteka.” (Imigani 12:22). Uzazamuka umusozi w’Uwiteka, akazahagarara ahera he, ni utivuguruza icyo yavuze naho cyamugirira nabi. Zaburi 24:3; 15:4. {AA 345.4}

Abanyagibeyoni bahawe uburenganzira bwo kubaho, ariko bagirwa abaretwa bakora imirimo icirirtse ku buturo bwera. “Yosuwa abagira abashenyi n’abavomyi b’iteraniro n’ab’igicaniro cy’Uwiteka, aho azatoranya hose.” Iyo mibereho bayemeye batazuyaje kubera ko bari bazi ko bakoze uburiganya, maze bashimishwa no kuba barokoye ubugingo bwabo kucyo byabasabaga cyose. Babwiye Yosuwa bati: “Dore turi mu maboko yawe; icyo ushima ko ari cyiza kigutunganiye, abe ari cyo udukorera.” Ababakomotseho bamaze imyaka myinshi bakora imirimo yerekeye ubuturo bwera. {AA 346.1}

Aho Abagibeyoni bari batuye hari hagizwe n’imijyi ine. Ntabwo abantu bategekwaga n’umwami, ahubwo bayoborwaga n’abatware. Gibeyoni, umujyi w’ikirangirire kurenza iyo mirwa yabo yindi, “wari umurwa ukomeye nk’indi mirwa ya cyami” “kandi abantu

bose bari abanyambaraga.” Kuba abaturage b’uwo mujyi ukomeye utyo baremeye kuyoboka imirimo nk’iyo yo gucishwa bugufi bagira ngo barokore ubugingo bwabo, ni igihamya gikomeye kigaragaza ubwoba Abisiraheli bari barateye abaturage b’ i Kanani. {AA 346.2}

Ariko rero byajyaga kurushaho kuba byiza iyo abo Banyagibeyoni babwiza Abisiraheli ukuri. Nubwo kuyoboka Yehova kwabo kwakijije ubuzima bwabo, uburyarya bwabo nta kindi bwabazaniye uretse gukorwa n’isoni n’uburetwa. Imana yari yaravuze kera ko abantu bose bazareka ubupagani bakifatanya n’Abisiraheli bazasangira imigisha y’isezerano Abisiraheli bahawe. Bene abo bantu babarirwaga mu bavuzwe ko ari “abanyamahanga batuye muri mwe,” kandi uretse bimwe batari bahwanyije, iryo tsinda ry’aba bantu ryagombaga kwishimira ibyiza n’amahirwe bingana n’ibyo Abisiraheli bahabwaga. Amabwiriza Imana yari yaratanze yari aya ngo: {AA 346.3}

“Umunyamahanga nasuhukira muri mwe mu gihugu cyanyu, ntimuzamugirire nabi. Umunyamahanga ubasuhukiyemo ababere nka kavukire, umukunde nk’uko wikunda.” (Abalewi 19:33,34). Ku byerekeye Pasika no gutamba ibitambo hari haratanzwe itegeko ngo: “Mwebwe n’umunyamahanga ubasuhukiyemo musangire itegeko ribe itegeko ridakuka mu bihe byanyu byose: uko mumeze, abe ari ko umunyamahanga amera, imbere y’Uwiteka.” Kubara 15:15. {AA 346.4}

Iyo ni yo yari intambwe Abanyagibeyoni bagombaga gutera kugira ngo bakirwe, ariko bakiriwe kubw’uburyarya bakoresheje. Ntabwo kwari ugusuzugurwa kworoshye kuri abo baturage b’ururembo rwa cyami, “abantu ubusanzwe bari intwari,” kugirwa abashenyi b’inkwi n’abavomyi b’amazi bagakora iyo mirimo mu bisekuru byabo byose. Nyamara bari bambaye imyamabaro ya gikene bagamije uburyarya, kandi ubwo bukene bwomatanye nabo buba ikimenyetso cy’uburetwa buhoraho. Bityo ibisekuru byose bamaze baba mu buretwa byari igihamya cy’urwango Imana yanga ikinyoma. {AA 346.5}

Kuba Abanyagibeyoni barayobotse Abisiraheli byateye abami b’i Kanani kwiheba. Bahise bafata icyemezo cyo kujya guhora abari bagiranye amasezerano y’amahoro n’abo bantu bari baje kwigarurira igihugu cyabo. Bayobowe na Adonisedeki umwami w’i Yerusalemu, abami batanu b’Abanyakanani bishyize hamwe kugira ngo barwanye Abanyagibeyoni. Baje bihuta. Ariko Abanyagibeyoni bo ntibari biteguye kwirwanaho maze batuma kuri Yosuwa i Gilugali bati: “Ntuhemukire abagaragu bawe, uzamuke n’ingoga, uze utuvune uturengere, kuko abami bose b’Abamori bo ku misozi miremine bateraniye hamwe kudutera.” Ntabwo akaga kari kugarije abaturage b’i Gibeyoni gusa ahubwo na Isiraheli na yo. Uwo mujyi wategekaga agace ko hagati n’amajyepfo ya Palesitina, ubwo rero ukaba waragombaga gufatwa kugira ngo igihugu cyigarurirwe. {AA 347.1}

Yosuwa yahise yitegura kujya gutabara i Gibeyoni. Abaturage b'uwo mujyi wari wagoswe bari batinye ko Yosuwa atita ku gutabaza kwabo bitewe na cya kinyoma bari barabeshye. Ariko kubera ko bari baremeye kuyoboka Abisiraheli kandi bakemera kuramya Imana, Yosuwa yiyumvisemo ko kubarengera ari inshingano ye. Noneho ntiyagiye atabanje kugisha Imana inama, maze Imana imukomeza muri uwo mugambi imubwira iti: "Ntubatinye, kuko mbakugabije; nta muntu wo muri bo uzaguhagarara imbere." "Nuko Yosuwa ahagurukana ingabo zose n'ab'intwari bakomeye bose bava i Gilugali." {AA 347.2}

Yosuwa n'ingabo ze bagenda ijoro ryose maze mu gitondo bagera imbere y'i Gulugali. Abo bami biyunze ntibashohoye na gato gukomeza kugota uwo mujyi igihe Yosuwa yabatungukagaho. Icyo gitero cya Yosuwa cyatumye za ngabo zigwa mu kayubi. Izo ngabo nyinshi zitatanira imbere ya Yosuwa zihungira hejuru ku musozi zigana Betihoroni; maze zimaze kugera hejuru zimanuka inkugugu mu rundi ruhande rw'umusozi. Bamanukirwa n'amabuye manini y'urubura. "Uwiteka amanura amabuye manini y'urubura avuye mu ijuru:... abishwe n'urubura barutaga abo Abisirayeli bicishije inkota." {AA 347.3}

Mu gihe Abamori bari bakomeje guhunga bagamije kubona aho bakwikinga mu bihome byo mu musozi, Yosuwa yarebeye aho yari ari ku kanunga, arebye hasi abona ko umunsi uri bube mugufi cyane bigatuma atari busoze umurimo we. Mu gihe abanzi babo batajyaga gutsembwa ngo bashire, bari kuzongera bakiyegeranya maze bakabyutsa intambara. "Yosuwa abwirira Uwiteka imbere y'Abisirayeli ati: 'Zuba, hagarara kuri Gibeyoni, nawe Kwezi, hagarara mu gikombe cyo kuri Ayaloni.' Izuba riherako rirahagarara n'ukwezi kuguma aho kuri, bigeza aho ubwo bwoko bwamariye guhora inzigo ababisha babo . . . Izuba riguma mu ijuru hagati, ritinda kurenga, rimara nk'umunsi wose." {AA 347.4}

Mbere y'uko ijoro rigwa, isezerano Imana yasezeranyije Yosuwa ryari ryasohoye. Yari yamaze kugabizwa ingabo zose z'umwanzi. Ibyabaye kuri uwo munsi byagombaga kuzamara igihe kirekire mu bitekerezo by'Abisiraheli. "Kandi nta munsi wahwanye n'uwo mu yawubanjirije cyangwa mu yawukurikiye, ubwo Uwiteka yumvaga umuntu, kuko Uwiteka ari we warwaniye Abisirayeli." "Izuba n'ukwezi bihagarara mu kibanza cyabyo, ku bw'umucyo imyambi yawe yagendanaga, no kubwo kwaka kw'icumu ryawe rirabagirana. Watambagiye igihugu ufite umujinya mwinshi; uhondaguza amahanga uburakari. Wazanywe no gukiza ubwoko bwawe." Habakuki 3:11-13.

{AA 347.5}

Mwuka w'Imana ni we wateye Yosuwa gusenga kugira ngo hongere gutangwa igihamya kigaragaza ubushobozi bw'Imana y'Abisiraheli. Nyamara ntabwo iryo sengesho ryagaragazaga kutizera k'uwo muyobozi ukomeye. Yosuwa yari yahawe

isezerano ry’ukuri yuko Imana izarimbura abo banzi b’Abisiraheli, bona nubwo yahatanye agakoresha imbaraga zose yari afite nk’aho intsinzi yari gushingira ku ngabo z’Abisiraheli zonyine. Yakoze ibyo imbaraga za kimuntu zashoboraga gukora byose, maze arangije nibwo ahise atakamba afite kwizera guhagije asaba gufashwa n’Imana. Ibanga ryo gutsinda ni ubufatanye hagati y’ubushobozi bw’Imana n’umwete w’umuntu. Abantu bagera ku ntego zikomeye cyane ni ba bandi bishingikiriza ku mbaraga z’Ishoborabyose badakebakeba. Umuntu wategetse ati: “Zuba, hagarara kuri Gibeyoni; nawe Kwezi, hagarara mu gikombe cyo kuri Ayaloni,” ni wa muntu wari wamaze amasaha menshi yubamye ku butaka asengera mu nkambi i Gilugali. Abantu barangwa n’amasengesho ni bo banyambaraga. {AA 348.1}

Iki gitangaza gikomeye gihamya neza ko ibyaremwe byose bigengwa n’Umuremyi. Satani ashaka uko yatuma abantu batabona imikorere y’Imana mu byaremwe, ntibabone imikorere idacogora yo mu irema. Muri iki gitangaza, abantu bose bogeza ibyaremwe bakabirutisha Imana yabiremye bakangarwa. {AA 348.2}

Ku bushake bwayo bwite, Imana yahamagaye imbaraga z’ibyaremwe kugira ngo zirimbure ubushobozi bw’abanzi bayo. “Namwe, muriro n’urubura na shelegi n’igihu; nawe muyaga w’ishuheri, usohoze ijambo rye.” (Zaburi 148:8). Igihe Abamori b’abapagani bari barahagurukiye kurwanya imigambi y’Imana, Imana yarahagobotse, imanura “urubura runini ruvuye mu ijuru” rugwira abanzi b’Abisiraheli. Tubwirwa iby’urugamba rukomeye ruzabaho mu bihe bisoza amateka y’iyi si, ubwo “Uwiteka yakinguye ububiko bwe bw’intwaro, akavanamo intwaro z’uburakari bwe.” Yeremiya 50:25. Yarabajije ati: “Mbese hari ubwo wageze mu bubiko bwa shelegi, cyangwa wabonye ububiko bw’urubura? Urwo nabikiye igihe cyo kuruteresha amakuba, umunsi w’intambara no kurwana.” Yobu 38:22,23. {AA 348.3}

Umuhishuzi Yohana avuga ibyo kurimbuka kuzabaho ubwo “ijwi rirenga rivugira mu rusengero rwo mu ijuru” rizatangaza ngo: “Birarangiye!” Aravuga ati: “Amahindu manini ava mu ijuru agwira abantu, rimwe rifite uburemere bwaba nk’ibiro mirongo ine.” Ibyahishuwe 16:17,21. {AA 348.4}

IGICE CYA 48 - BAGABANA KANANI

Intsinzi y'i Beti-Horoni yahise ikurikirwa no kwigarurira Kanani y'amajyepfo. "Yozuwe yigarurira icyo gice cyose cy'igihugu, kigizwe n'imisozi miremire n'imigufi, n'ahakikiye ikiyaga cy'umunyu kugera mu majyepfo ya Kanani. Yica abami abami baho bose n'abaturage bose, ntihasigara n'uwo kubara inkuru. . . . kuko Uhoraho Imana y'Abisiraheli ubwe yabarwaniriraga. Hanyuma Yosuwe n'Abisiraheli bose basubira mu nkambi y'i Gilugali." {AA 349.1}

Imiryango yo mu majyaruguru ya Palesitina, itewe ubwoba n'intsinzi ingabo z'Abisiraheli zari zagize, yishyira hamwe kugira ngo irwanye Isiraheli. Izo ngabo zari zishyize hamwe zari ziyobowe na Yabini, umwami w'i Hasori, akarere hari gaherereye iburengerazuba bw'ikiyaga cya Meromu. "Nuko batabarana n'ingabo zabo zose." Izo ngabo zari nyinshi cyane kurenza izo Abisiraheli bari yarahanganye na zo mbere hose muri Kanani. "Zari nyinshi zingana n'umusenyi wo mu kibaya cy'inyanja, n'amafarashi n'amagare menshi cyane. Abo bami bose barateranа, baraza bagandika hamwe ku mazi y'i Meromu, ngo barwanye Abisirayeli." Ubutumwa bw'iremamutima bwongeye guhabwa Yosuwa ngo: "Ntubatinye kuko ejo nk'iki gihe nzabatanga bose ngo bicirwe imbere y'Abisirayeli." {AA 349.2}

Bugufi bw'ikiyaga cy' i Meromu, yaguye gitumo urugerero rw'ingabo ziyunze maze arazitsemba. "Uwiteka abagabiza Abisirayeli, barabakubita, barabirukana . . . barabica ntibasiga n'umwe." Amagare n'amafarashi yari yarabaye ishingiro ry'ubwibon n'ubwirasi by'Abanyakanani ntibyagombaga gutungwa n'Abisiraheli. Biturutse ku itegeko ry'Imana, ayo magare yaratwitswe, amafarashi bayaca ibitsi, bityo bituma atakibasha gukoreshwa mu ntambara. Abisiraheli ntibagombaga kwiringira amagare cyangwa amafarashi, ahubwo bagombaga kwiringira "izina ry'Uwiteka Imana yabo." {AA 349.3}

Iyo mijyi yagiye ifatwa umwe umwe, bityo na Hazori, igihome gikomeye cy'izo ngabo ziyunze nayo iratwikwa. Intambara yarakomeje imara imyaka myinshi, ariko irangira Yosuwa ari we utegeka Kanani. "Nuko igihugu gihabwa ihumure." {AA 349.4}

Ariko nubwo imbaraga z'Abanyakanani zari zarashenjaguwe, ntabwo bari barakigarurirwa burundu. Mu ruhande rw'iburengerazuba, Abafilisiti bari bagifite ikibaya cyarumbukaga giherereye ku nkombe y'inyanja, kandi no mu majyaruguru yabo hari akarere gatuwe n'Abanyasidoni. Lebanoni nayo yari ikiri mu maboko

y’Abanyasidoni; kandi mu majyepfo werekeza mu Misiri, akarere kaho kari kagitegekwa n’abanzi b’Abisiraheli. {AA 349.5}

Nyamara ntabwo Yosuwa yagombaga gukomeza intambara. Hari hakiriho undi murimo uwo muyobozi ukomeye yagombaga gukora mbere y’uko ava ku buyobozi bw’ishyanga ry’Abisiraheli. Igihugu cyose, mu bice byombi bari baramaze kwigarurira ndetse n’icyo gice kindi cyari gisigaye kitari cyaba icyabo burundu, byagombaga kugabanywa imiryango. Kandi umuryango wose wari ufite umurimo wo gutsinda burundu akarere kagomba kuba gakondo yawo. Abantu bagombaga kuba indahemuka ku Mana maze nayo ikirukana abanzi babo imbere yabo; ndetse yabasezeraniye ko izabaha ubutunzi bwinshi kurutaho igihe bari kudatezuka ku isezerano ryayo. {AA 349.6}

Yosuwa na Eliyazari umutambyi mukuru hamwe n’abatware b’imiryango bahawe inshingano yo kugabanya abantu icyo gihugu, kandi aho umuryango ugomba gutura hakagaragazwa n’ubufindo. Mose ubwe yari yaragennye imbibi z’igihugu nk’uko cyagombaga kugabanwa n’imiryango igihe bari kuba bamaze kwigarurira Kanani, kandi yari yarashyizeho umutware uturutse muri buri muryango kugira ngo bazafashe mu gusaranganya igihugu. Kubera ko umuryango wa Lewi wari warahawe umurimo wo gukora imirimo yo mu buturo bwera, ntabwo uwo muryango wabariwe yagombaga kugabana; ariko imijyi mirongo ine n’umunani yari iherereye mu turere tunyuranye tw’igihugu ni yo yagenewe kuba umurage w’Abalewi. {AA 350.1}

Mbere y’uko batangira kugabanya igihugu, Kalebu aherekejwe n’abakuru b’imiryango, bagiye imbere bafite itangazo ryihariye. Uretse Yosuwa, icyo gihe Kalebu ni we wari mukuru mu Bisiraheli. Kalebu na Yosuwa ni bo bonyine muri ba batasi bari barazanye inkuru nziza yerekeye Igihugu cy’Isezerano, batera abantu bose ubutwari bwo kuzamuka bakakigarurira mu izina ry’Uwiteka. Noneho Kalebu yibukije Yosuwa iby’isezerano yari yarasezeraniwe kubwo kuba indahemuka kwe. Yari yarabwiwe ngo: “Ni ukuri igihugu wakandagiyemo kizaba gakondo yawe n’iy’abana bawe iteka ryose, kuko womatanye n’Uwiteka.” Kubw’ibyo rero, yatanze icyifuzo ko Hebuloni yayihabwaho gakondo. Aho ni ho Aburahamu, Isaka ndetse na Yakobo bari baratuye mu gihe cy’imyaka myinshi; kandi aho, mu buvumo bw’ i Makipela, nimo bahambwe.

{AA 350.2}

Heburoni niyo yari umurwa w’igihanda Anaki, wa muntu muremure munini wateye ubwoba ba batasi kandi binyuze kuri bo agaca intege Abisiraheli bose. Aho rero ni ho Kalebu yahisemo ngo habe gakondo ye yiringiye ububasha bw’Imana. {AA 350.3}

Yaravuze ati: “Kandi dore Uwiteka yatumye mara iyi myaka mirongo ine n’itanu nk’uko yavuze, uhereye igihe Uwiteka yabibwiriye Mose: . . . None dore uyu munsi nshikije

imyaka mirongo inani n’itanu. Ubu ndacyafite imbaraga, nk’uko nari nzifite, urya munsi Mose yanyoherejeho; uko imbaraga zanjye zameraga ku rugamba, ntabara ngatabaruka, na n’ubu ni ko zikiri. None umpe umusozi Uwiteka yavuze urya munsi. Icyo gihe wumvaga ko Abanaki bari bahari kandi ko hariho imidugudu minini igoswe n’inkike z’amabuye. None ahari aho Uwiteka azaba ari kumwe nanjye, mbirukane nk’uko Uwiteka yavuze.” Iki cyifuzo cyashyigikiwe n’abakomeye bo mu muryango wa Yuda. Kuba Kalebu ubwe ari wari watoranyijwe muri uwo muryango ngo afatanye n’abandi kugabanya igihugu, yari yahisemo gufatanya n’abo bagabo kugira ngo bamufashe gutanga icyifuzo cye, bityo he kugaragara icyasa no gukoresha ubutware bwe kubw’inyungu ze bwite. {AA 350.4}

Ibyo yasabye byahise byemerwa. Nta wundi muntu wari guharirwa gutsinda kiriya gihome gikomeye. “Yosuwa aha Kalebu mwene Yefuni umugisha; maze amuha umusozi witwa Heburoni ngo habe gakondo ye,” “kuko yomatanye n’Uwiteka Imana y’Abisirayeli rwose.” Ukwizera kwa Kalebu kwari kukiri nk’uko kwari kumeze igihe ubuhamya bwe bwavuguruzaga amakuru mabi yari yatanzwe n’abatasi icumi. Kalebu yari yarizeye isezerano Imana yari yaratanze ko izaha ubwoko bwayo Kanani ikaba iyabwo, kandi ibyo yari yarabyizeye rwose adashidikanya. Ari kumwe n’ubwoko bwe, Kalebu yari yarihanganiye kuzerera mu butayu igihe kirekire, afatanya na bo intimba, gutentebuka n’imitwaro y’icyaha; nyamara ntiyigeze abyinubira, ahubwo yogezaga imbabazi z’Imana zamurindiye mu butayu igihe abavandimwe be barimburwaga. Muri iyo miruho yose, akaga n’ibyago bahuriye nabyo mu rugendo rwo mu butayu, ndetse no mu myaka y’intambara babayemo kuva bacyinjira muri Kanani, Uwiteka yari yaramurinze; none ubwo yari asagije imyaka mirongo inani, imbaraga ze zari zitaratentebuka. Ntabwo yisabiye guhabwa akarere kari karamaze kwigarurirwa, ahubwo yasabye ahantu haruta ahandi aho abatasi bari baravuze ko bidashoboka ko hakwigarurirwa. Kubwo gufashwa n’Imana, yagomba gutsinda icyo gihome akacyambura ibihangange byari byarahungabanyije ukwizera kw’Abisiraheli kubw’imbaraga zabyo. Ntabwo kwifuza icyubahiro cyangwa kwikuza ari byo byateye Kalebu gusaba Heburoni. Uwo murwanyi w’intwari ariko wari ushaje yifuzaga guha abantu urugero rwiza rwagombaga kubahisha Imana, ndetse rugatera umwete imiryango kugira ngo yigarurire igihugu basekuruza babo batekerezaga ko kitazigarurirwa. {AA 350.5}

Kalebu yabonye gakondo umutima wahoraga uzirikana mu gihe cy’imyaka mirongo ine yari ishize, kandi kubwo kwiringira ko Imana iri kumwe nawe, ‘yirukanye abahungu batatu ba Anaki.’ Amaze kwizera ko abonye gakondo ye n’inzu ye; ntabwo ishyaka rye ryacogoye; ntabwo yadamaraye ngo yishimire gakondo ye; ahubwo yaratwaranye akomeza intambara yo kwigarurura utundi turere kubw’ishyanga ndetse n’ikuzo ry’Imana. {AA 351.1}

Abanyabwoba n’abagome bari bararimbukiye mu butayu, ariko ba batasi b’indahemuka bo bariye ku mbuto z’amakomamanga y’i Eshikoli. Buri wese yahawe hakurikijwe ukwizera kwe. Abatizera babonye ubwoba bwabo busohora. Nubwo bari bafite isezerano ry’Imana, bari batangaje ko bidashoboka guhabwa Kanani ho gakondo, bityo ntibayihabwaho. Ariko abiringiye Imana, ntibite cyane ku ngorane bagombaga guhura nazo ahubwo bagaha agaciro imbaraga z’Umufasha wabo Ushoborabyose bo binjiye muri icyo gihugu cyiza. Kwizera ni ko kwatumye ibyo bihangange n’abanyacyubahiro bo mu gihe cya kera batsinda ibihugu ‘n’abami, ... no gukira ubugi bw’inkota, no gukurwa mu ntege nke bagahabwa imbaraga nyinshi, no kuba intwari mu ntambara, no kunesha ingabo z’abanyamahanga.’ (Abaheburayo 11:33-34). “Kuko icyabyawe n’ Imana cyose kinesha iby’isi: kandi uku ni ko kunesha kwanesheje iby’isi, ni ukwizera kwacu.” 1 Yohana 5:4. {AA 351.2}

Ikindi cyifuzo cyerekeye igabanywa ry’igihugu cyagaragaje umwuka utandukanye cyane na wa wundi wa Kalebu. Cyatanzwe n’abana ba Yosefu, umuryango wa Efurayimu hamwe n’igice cy’umuryango wa Manase. Kubera umubare munini w’abari bagize iyo miryango, byatumye isaba guhabwa umugabane ukubye kabiri iy’indi miryango. Umugabane bari bahawe ni wo wari ukungahaye cyane muri icyo gihugu, harimo n’ikibaya kirumbuka cya Sharoni; icyakora imyinshi mu mijyi y’ingenzi yo muri icyo kibaya yari ikiri mu maboko y’Abanyakanani, maze ya miryango irifata yanga umurimo uruhije n’akaga bitewe no kuzajya kwigarurira gakondo zabo, ahubwo bifuza cyane guhabwa umugabane w’inyongera mu ruhande rw’igihugu rwari rwaramaze kwigarurirwa. Umuryango wa Efurayimu ni wo wari munini cyane mu Bisiraheli, ari nawo Yosuwa ubwe yakomokagamo; ndetse abari bawugize biyumvagamo ko bafite umwihariko wabo. Baravuze bati: “Ni iki cyatumye uduha umugabane umwe gusa, n’igice kimwe kuba gakondo yacu, kandi uzi yuko turi umuryango munini?” Nyamara nta gutandukira ubutabera butabogama byashoboraga kuba kuri uwo muyobozi utarakebakebaga. {AA 351.3}

Yarabasubije ati: “Niba muri umuryango munini, nimuzamuke mujye mu kibira, mugiteme mwiyagure mu gihugu cy’Abaferizi n’Abarafa, kuko igihugu cy’imisozi ya Efurayimu ari imfungane kuri mwe.” {AA 352.1}

Igisubizo cyabo cyagaragaje impamvu nyakuri yo kwinuba kwabo. Nta kwizera n’ubutwari bari bafite byo kwirukana Abanyakanani. Baravuze bati: “Igihugu cy’imisozi ntabwo cyadukwira; kandi Abanyakanani . . . uko batuye mu gihugu cy’ikibaya, bafite amagare y’ ibyuma.” {AA 352.2}

Imbaraga z’Imana zari zamaze gusezeranirwa ubwoko bwayo, bityo iyo Abefurayimu bagira ukwizera n’ubutwari nk’ibya Kalebu, nta mwanzi wajyaga kubasha kubahagarara imbere. Yosuwa yahanganye n’icyifuzo cyabo cyagaragaraga cyo

kwanga kwishyira mu miruho n’amakuba. Yarababwiye ati: “Muri umuryango munini koko, kandi mufite imbaraga nyinshi; . . . Abanyakanani nubwo ari abanyambaraga, bafite n’amagare y’ibyuma, muzabirukane.” Uko ni ko ibitekerezo bari batanze byabagarutseho. Kuba bari umuryango mugari nk’uko babivugaga, bari bashoboye rwose kwicira inzira nk’uko abavandimwe babo babigenje. Kubwo gufashwa n’Imana, ntibagombaga gutinya amagare y’ibyuma. {AA 352.3}

Kugeza icyo gihe, Gilugali yari yarabaye umurwa w’igihugu ndetse akaba ari naho ihema ry’ibonaniro riba. Ariko noneho, ihema ry’ibonaniro ryagombaga kwimurwa i Gilugali rikajyanwa ahantu ryatoranyirijwe kuzaguma burundu. Aho hantu hari i Shilo, umujyi muto wo mu karere kari gatuwe n’Abefurayimu. Hari hafi y’isangano ry’igihugu, kandi byari byoroheye imiryango yose kuhagera. Aho ngaho kandi umugabane w’igihugu wari warigaruriwe rwose kugira ngo abaramya Imana bose be kujya babangamirwa. “Nuko iteraniro ryose ry’Abisirayeli riteranira i Shilo, bashingayo ihema ry’ibonaniro.” Imiryango yose yari ikiri mu nkambi ubwo ihema ry’ibonaniro ryakurwaga i Gilugali yararikurikiye, maze ibamba amahema yabo hafi y’i Shilo. Aho ni ho iyo miryango yagumye kugeza igihe buri muryango wagiriye muri gakondo yawo. {AA 352.4}

Isanduku y’isezerano yagumye i Shilo ihamara imyaka magana atatu, kugeza ubwo Abafilisiti bayinyaze bagasenya Shilo bitewe n’ibyaha by’ab’inzu ya Eli. Ntabwo isanduku y’isezerano yigeze igaruka aho mu ihema ry’ibonaniro, maze amaherezo imirimo yo mu buturo bwera ijya gukorerwa mu ngoro y’i Yerusalemu, bityo Shilo ita agaciro. Ubu hari amatongo gusa yerekana aho Shilo yari iri. Nyuma y’igihe kirekire, iherezo rya Shilo ryakoreshejwe nk’umuburo wahabwaga Yerusalemu. Uwiteka yavuguye mu muhanuzi Yeremiya ati: “Ariko noneho nimugende mujye ahahoze ari iwanjye h’i Shilo, aho nabanje guhera izina ryanjye ubuturo, kandi mwitegereze uko nahagenje mpahoye gukiranirwa kw’abantu banjye ba Isirayeli . . . ni cyo gituma ngiye kugirira nabi inzu yitiriwe izina ryanjye, iyo mwiringiye n’ahantu nabahanye na basogokuruza, nk’uko nagiriye i Shilo.” Yeremiya 7:12-14. {AA 352.5}

“Ubwo bari bamaze kurangiza igikorwa cyo kwigabanya igihugu,” imiryango yose imaze guhabwa gakondo yayo, niho Yosuwa yavuze icyifuzo cye. Nk’uko byari byarabaye kuri Kalebu, Yosuwa nawe yari yarahawe isezerano ryihariye rya gakondo yagombaga guhabwa; nyamara ntiyasabye intara nini, ahubwo yasabye umujyi umwe muto. «Bamuha umujyi yasabye, . . . maze arawubaka awuturamo. » Uwo mujyi wiswe Timunatisera, bisobanura : “umugabane usigaye.” Icyo cyari igihamya gihoraho kigaragaza imico n’umwuka wo kutikanyiza wa Yosuwa. Aho kugira ngo yigire nyambere yirundanyaho iminyago yose banyaze mu ntambara, yabaye aretse gutanga icyifuzo cye kugeza aho amaze kubona ko umuntu wese woroheje kurusha abandi bo mu bwoko bwe amaze guhabwa gakondo. {AA 352.6}

Imijyi itandatu mu yeguriwe Abalewi (ku ruhande rumwe rwa Yorodani habaga hari itatu no ku rundi hakaba itatu) yagizwe imijyi y'ubuhungiro, aho uwabaga yishe umuntu yagombaga guhungira ngo nawe aticwa. Ishyirwaho ry'iyo mijyi ryari ryarategetswe na Mose ati : "Muzitoranyirize imijyi kugira ngo umuntu wishe undi atabigambiriye, abone aho ahungira umuntu ushaka guhorera uwishwe. Uwishe undi ntakicwe atabanje gucirwa urubanza n'ababishinzwe." Kubara 35 :11, 12. Icyo gikorwa cy'imbabazi cyabaye ngombwa gushyirwaho bitewe n'umuco wa kera wo kwihorera, aho igihano cy'uwabaga yishe umuntu cyakurikiranaga umuvandimwe we wa bugufi cyangwa umuzungura w'uwabaga yishe. Mu gihe icyaha cyabaga kigaragara neza, ntabwo byabaga bikiri ngombwa gutegereza urubanza rw'abacarnanza. Umuhozi yagombaga gukurikirana uwishe undi aho ari ho hose akamwicira aho amusanze. Ntabwo Uwiteka yabonye ko ari ngombwa gukuraho uwo muco muri icyo gihe, ahubwo yateganyije ahantu umuntu washoboraga kwica undi atabigambiriye yabonera umutekano. {AA 353.1}

Imijyi y'ubuhungiro yabaga yaragenewe kubakwa ku ntera ingana n'urugendo rw'igice cy'umunsi mu ruhande rwose rw'igihugu. Inzira zajyaga muri yo zahoraga ziharuwe neza ; ahakikije izo nzira hose habaga hashinzwe ibyapa byanditsweho ijambo ngo : "Ubuhungiro" mu nyandiko nini kandi igaragara cyane, kugira ngo uwabaga ahunga atazakererwaho n'akanya na gato. Umuntu uwo ari we wese (yaba Umuheburayo, umunyamahanga, cyangwa umwimukira) yagombaga guhungira muri iyi mijyi. Ariko nubwo umuntu udafite icyaha atapfaga kwicwa ni nako umunyacyaha atapfaga guhunga igihano. Urubanza rw'uwabaga yahunze rwagombaga gusuzumwa neza n'abategetsi babishinzwe, kandi igihe gusa basangaga adahamwa n'icyaha cyo kwica umuntu abigambiriye, ni ho yagombaga kurindirwa mu mujyi w'ubuhungiro. Abahamwaga n'icyo cyaha bahitaga bahabwa umuhozi. Ababaga bafite uburenganzira bwo kurindirwa muri iyo mijyi bagombaga kubugira gusa igihe bayigumyemo imbere. Iyo hagiraga ujya kuzerera akarenga imbibi zashyizweho maze akabonwa n'umuhozi, ubuzima bwe bwagerwagaho n'igihano cyo kuba yasuzuguye amakiriro Imana yabaga yaramuteganyirije. Nyamara igihe umutambyi mukuru yabaga apfuye, ni ho abantu bose babaga barahungiye muri iyo mijyi y'ubuhungiro bahabwaga umudendezo wo gusubira muri gakondo zabo.

{AA 353.2}

Mu gihe cy'urubanza, uregwa ntabwo yagombaga gucirwa urubanza rwo gupfa ashinjwe n'umuhamya umwe gusa, bona n'ubwo byabaga bigaragara ko uwo muhamya afite ukuri koko. "Uzica umuntu wese, gatozi uwo azicishwe n'abagabo bamushinje, ariko umugabo umwe ntagashinje umuntu ngo amwicishe." (Kubara 35:30). Kristo ni we wari warahaye Mose ayo mabwiriza ngo na we ayamenyeshe Abisiraheli; kandi n'igihe Kristo ubwe yari kumwe n'abigishwa be ku isi, ubwo

yabigishaga uko bakwiriye gufata umunyamafuti; Umwigisha Mukuru yasubiyemo icyigisho kivuga ko ubuhamya bw'umuntu umwe budashobora kurenganura cyangwa se guciraho iteka undi muntu. Igitekerezo n'imyumvire by'umuntu umwe ntibikwiriye gukemura amakimbirane.

{AA 353.3}

Muri ibyo bibazo byose, abantu babiri cyangwa se abarenze abo bakwiriye kwishyira hamwe, maze bose hamwe bagakora iyo nshingano, " ngo ijambo ryose rikomere mu kanwa k'abagabo babiri cyangwa batatu." Matayo 78:16. {AA 354.1}

Iyo uwaregwaga ko ari umwicanyi yahamwaga n'icyaha, nta guhongererwa cyangwa incungu byashoboraga kumurokora. Imana yari yarategetse iti: "Uvushije amaraso y'umuntu, amaraso ye azavushwa n'abantu." (Itangiriro 9:6). "Ntimukemere ko umwicanyi atanga indishyi, ajye yicwa." "Nuko ntimuzanduze igihugu muzabamo: kuko amaraso yanduza igihugu, ntihabe impongano yagihongererwa, kubw'amaraso yakiviriyemo, itari ayo uwayavushije." (Kubara 35:31, 33, Kuva 21:14). Umutekano n'ubutungane by'igihugu byasabaga ko icyaha cy'ubwicanyi gihanirwa bikomeye. Ubuzima bw'umuntu bushobora gutangwa n'Imana yonyine, bwagombaga kurindwa bikomeye. {AA 354.2}

Imijyi y'ubuhungiro yashyiriweho ubwoko bw'Imana bwa kera yari ikimenyetso cy'ubuhungiro bwateganyijwe muri Kristo. Uwo Mukiza w'umunyampuhwe washyizeho iyo mijyi y'ubuhungiro y'igihe gito, ku bw'amaraso ye yasheshe, yahaye abagomera amategeko y'Imana uburuhukiro nyakuri, aho bagomba guhungira urupfu rwa kabiri. Nta bubasha na bumwe bushobora kuvuvunura mu maboko ye abantu bamusanga bamusaba imbabazi. "Nuko rero noneho abari muri Kristo Yesu nta teka bazacirwaho." "Ni nde uzaziciraho iteka? Ni Kristo Yesu kandi ari we wazipfiriye, ndetse akaba yarazutse ari iburyo bw'Imana adusabira," kugira ngo "ibintu bibiri bidahinduka, ibyo Imana itabasha kubeshyeramo, biduheshe ihumure rikomeye twebwe abacikiye gusingira ibyiringiro byashyizwe imbere yacu." Abaroma 8:1, 34; Abaheburayo 6:18. {AA 354.3}

Uwabaga ahungiye mu mujyi w'ubuhungiro ntiyagombaga gutindiganya. Umuryango ndetse n'akazi yakoraga yabiteraga umugongo. Nta gihe cyo gusezera ku bakunzi be yabaga afite. Ubuzima bwe bwabaga buri mu kaga, bityo izindi nyungu zose zagombaga kutitabwaho kubwo gushaka kugera ku ntego imwe ari yo — kugera aho yabonera umutekano. Umunaniro waribagiranaga kandi n'ingorane ntizitabwagaho. Uwabaga ari guhunga ntiyahangaraga kugabanya umuvuduko n'akanya gato kugeza ubwo yabaga yinjiye mu nzitiro z'umujyi. {AA 354.4}

Umunyabyaha yubikiriwe n'urupfu rw'iteka ryose kugeza ubwo azabona ubuhungiro

muri Kristo; kandi nk’uko kuzarira no kutagira icyo yitaho byashoboraga kubuza ya mpunzi ya mahirwe rukumbi yabaga afite yo gukiza ubugingo bwe, ni ko rero gukererwa no kuba simbikangwa bishobora gutuma habaho kurimbuka k’ubugingo. Satani, wa mwanzi ruharwa, yoga runono umuntu wese wica amategeko yera y’Imana, kandi umuntu utazi akaga afite kandi ntashishikarire gushaka ubwugamo mu buhungiro bw’iteka, azahinduka umuhigo w’umurimbuzi. {AA 354.5}

Imbohe yasohokaga ikarenga urugabano rw’umujyi w’ubuhungiro yahorwaga n’uhorera amaraso y’uwapfuye. Uko ni ko abantu bigishijwe gukurikizwa uburyo bwashyizweho na nyiri ubwenge butagerwa kubw’umutekano wabo. Nubwo bimeze bityo, ntabwo bihagije ko umunyabyaha yizera gusa ko yababariwe ibyaha muri Kristo. Kubwo kwizera no kumvira, agomba

kuba (cyangwa ‘kuguma’) muri We. “Niba dukora ibyaha nkana tumaze kumenya ukuri, ntihaba hasigaye igitambo cy’ibyaha keretse gutegerezanya ubwoba gucirwa ho iteka, no gutegereza umuriro w’inkazi uzarya abanzi b’Imana.” Abaheburayo 10:26, 27. {AA 355.1}

Iminyago ibiri mu miryango y’Abisiraheli, uwa Gadi n’uwa Rubeni, ndetse n’igice cy’umuryango wa Manase, yari barahawe gakondo yayo mbere y’uko bambuka Yorodani. Ku bantu b’aborozi, ibibaya bigari n’amashyamba arumbuka by’i Galeyadi n’i Bashani, byarangwagamo inzuri ngari z’imikumbi n’amashyo byabo, byari bifite ubwiza bubakurura batashoboraga kubona muri Kanani ubwayo, maze iyo miryango ibiri n’igice yifuza kuba ari ho yiturira. Yasezeranye gutanga umugabane w’abantu bo muri yo bafite intwaro bagaherekeza abavandimwe babo bambuka Yorodani kandi bagafatanya urugamba rwose kugeza ubwo nabo bazinjira muri gakondo yabo. Iyo nshingano biyemeje barayubahirije rwose. Ubwo iyo miryango cumi yinjiraga i Kanani ibihumbi mirongo ine “by’Abarubeni n’Abagadi, n’igice cy’umuryango wa Manase ... babanjirije Abisirayeli kwambuka bafite intwaro . . . banyura imbere y’Uwiteka mu kibaya cy’i Yeriko, biteguye kurwana.” Yosuwa 4:12, 13. Bamaze imyaka myinshi barwanana ubutwari bafatanyije n’abavandimwe babo. Noneho igihe cyabo cyari kigeze kugira ngo basubire muri gakondo yabo. Uko bafatanyije n’abavandimwe babo kurwana, ni nako bagabanye iminyago; nuko basubiranayo “ubutunzi bwinshi ... n’amashyo menshi, n’ifeza, n’izahabu, n’umuringa, n’icyuma, n’imyambaro myinshi cyane,” ibyo byose bagombaga kubigabana n’abari barasigaranye imiryango n’imikumbi. {AA 355.2}

Noneho bari bagiye gutura kure y’ubuturo bw’Uwiteka, maze Yosuwa abonye kugenda kwabo biramubababaza cyane, kubera ko yari azi neza ko bazasakirana n’ibishuko bikomeye cyane muri ubwo buzima bwo kuba bonyine no kuzerera, bakazakurikiza imigenzo y’imiryango y’abapagani yari ituye ahabakikije hose. {AA 355.3}

Ubwo Yosuwa n’abandi bayobozi bari bakibabajwe n’ibibi bigiye kuzababaho, babwiwe inkuru idasanzwe. Ya miryango ibiri n’igice yari yaramaze kubaka iruhande rwa Yorodani igicaniro kinini, gisa n’igicaniro cy’ibitambo byoswa cyari i Shilo. Itegeko ry’Imana ryabuzanyaga gusenga gushyiraho ahandi hantu ho kuramiriza Imana hatari mu buturo bwera, kandi rigateganya igihano cy’urupfu ku muntu ubikoze. Niba kubaka iki gicaniro byari biri muri uwo mugambi, iyo byemerwa ko kigumaho, cyari guteshura abantu ku kwizera nyakuri. {AA 355.4}

Abahagarariye rubanda bateraniye i Shilo, maze mu burakari bwinshi batanga icyifuzo cyo guhita barwanya abo bakoze icyo cyaha. Nyamara kubw’inama z’abantu bashishoza cyane, hemejwe kubanza kohereza intumwa zigasanga ya miryango ibiri n’igice, zikayibaza icyatumye bakora ibyo. Batoranyije abatware cumi, umwe, umwe muri buri muryango. Bari bayobowe na Finehasi, umwe wabaye ikirangirire kubw’ishyaka n’ubutwari yerekanye mu kibazo cyabereye i Pewori. {AA 355.5}

Ya miryango ibiri n’igice yari yakoze amakosa ubwo yakoraga igikorwa gikomeye gityo nta busobanuro bwabyo ibifitiye. Za ntumwa, zimaze kwemeranya ko abavandimwe babo bari bacumuye, zarabacyashye cyane. Zabareze kugomera Uwiteka, zibasaba kwibuka uko Abisiraheli bari baragezweho n’ibihano bitewe no kwifatanya na Bali Pewori. Mu izina ry’Abisiraheli bose, Finehasi abwira bene Gadi na Rubeni ko niba badashaka gutura muri icyo gihugu badafite igicaniro cyo koserezaho ibitambo, noneho bemerewe guturana na bo no gusaranganya amahirwe na gakondo n’abavandimwe babo batuye hakurya. {AA 356.1}

Abashinjwaga kugoma bisobanuye bavuga ko igicaniro cyabo kitari kitubakiwe gutambirwaho ibitambo, ko ahubwo gusa cyari igihamya kigaragaza ko nubwo batandukanyijwe n’uruzi, bafite ukwizera kumwe n’ukw’abavandimwe babo b’i Kanani. Batinyaga ko mu gihe kizaza abana babo bashobora kuzabuzwa kwinjira mu ihema ry’Imana, nk’aho nta mugabane bafite mu Bisiraheli. Iki gicaniro rero, cyubatswe gikurikije icyitegererezo cy’igicaniro cy’Uwiteka i Shilo, cyajyaga kuzaba igihamya ko abacyubatse nabo basengaga Imana ihoraho. {AA 356.2}

Izo ntumwa zemera ubwo busobanuro zifite ibyishimo byinshi, maze zihita zisubiranayo ubutumwa zishyiye abazohereje. Ibitekerezo byose byerekeye intambara byavuye mu bantu maze baherako bafataniriza hamwe kwishima no gusingiza Imana. {AA 356.3}

Abakomoka kuri Gadi na Rubeni, bahereyeko bashyira ku gicaniro cyabo inyandiko isobanura umugambi watumye icyo gicaniro cyubakwa; maze baravuga bati: “Ni umuhamya wo muri twe yuko Uwiteka ari yo Mana.” Uko ni ko bihatiye gukuraho kuzatekerezwa nabi kwashoboraga kuzabaho ndetse n’icyashoboraga kuzaba intandaro y’ikigeragezo. {AA 356.4}

Mbega uburyo kenshi ingorane zikomoka ku kudasobanukirwa koroheje, ndetse bikaba no mu bantu baba bakoreshejwe no kugira imigambi myiza! Ndetse iyo hatabayeho urukundo no kwihangana, mbega ingaruka mbi ndetse ziteye ubwoba zibasha gukurikiraho! Ya miryango cumi yibutse uburyo, mu kibazo cya Akani, Imana yari yaracyashye kutaba maso ngo abantu batahure ibyaha biri hagati muri bo. Noneho biyemeje kugira icyo bakora mu buryo bwihuse kandi batajenjetse; nyamara mu gushaka gutwikira ikosa bari barakoze mbere, bari bagiye ku ruhande ruhabanye cyane. Aho kubazanya umutima woroheje kugira ngo bamenye ukuri muri icyo kibazo, bari basanze abavandimwe babo babatonganya, kandi babaciraho iteka. Iyo abakomoka kuri Gadi na Rubeni babasubizanya ubukana nk'ubwo bari babatuye, biba byarabyaye intambara. Nubwo ku ruhande rumwe ari ingenzi ko kujenjeka mu guhangana n'icyaha bikwiriye kwirindwa, ku rundi ruhande narwo, ni ingenzi kwirinda imyanzuro ihutiyeho ndetse n'urwikekwe rudafite ishingiro. {AA 356.5}

Nubwo abantu baba bazi neza amakosa yabo ku byerekeye imikorere yabo bwite, usanga abantu benshi ari abanyabukana mu byo bagirira abo bibwira ko bari mu makosa. Nta muntu n'umwe wigeze agarurwa mu nzira nziza kubwo kugawa no gutonganywa; ahubwo iyo bigenze bityo, benshi bajyanwa kure y'inzira itunganye, maze bagaterwa kwinangira imitima bityo ntibemere ibicumuro byabo. Umwuka w'ubugwaneza, urugwiro no kwihangana bishobora gukiza uwacumuye kandi bigatwikira ibyaha byinshi. {AA 356.6}

Ubushishozi bwagaragajwe n'Abarubeni na bagenzi babo bukwiriye kwiganwa. Igihe bashakaga guteza imbere umurimo w'idini nyakuri bataryarya, batekerejwe nabi ndetse baratonganywa cyane; nyamara ntibagaragaje kwitotomba. Mbere yuko bagerageza kwiregura, bitonze kandi bihanganye, bateze amatwi ibirego baregwaga n'abavandimwe babo, nuko nyuma yaho basobanura neza impamvu zabo kandi bagaragaza ko nta cyaha bafite. Uko ni ko ikibazo cyari cyateje ingaruka zikomeye zityo cyaje gukemurwa mu mahoro. {AA 357.1}

N'igihe umuntu aregwa ibinyoma, abafite ukuri bashobora kwiyemeza gutuza no gutekereza neza. Imana yita ku bintu byose bidasobanukiye abantu cyangwa se baba basobanura nabi, bityo ibyacu dushobora kubirekera mu maboko yayo twiturije. Uko byamera kose izaburanira abayiringira nk'uko yagaragaje icyaha cya Akani. Abantu bakoreshwa n'umwuka wa Kristo, bazagira urukundo nk'urwo rwihangana kandi rugira neza. {AA 357.2}

Ubushake bw'Imana ni uko ubumwe n'urukundo rwa kivandimwe byaba mu bwoko bwayo. Isengesho Kristo yasenze mbere yo kubambwa kwe ryari uko abigishwa be baba umwe nk'uko na We ari umwe na Se, kugira ngo isi yizere ko Imana yamutumye. Iri sengesho rikora ku mutima kandi ry'agahozo ryarakomeje mu bindi bisekuruza

byose byahise, ndetse rigera no muri iki gihe cyacu, kuko Kristo yavuze ati: “Sinsabira aba bonyine, ahaubwo ndasabira n’abazanyizezwa n’ijambo ryabo.” (Yohana 17:20). Nubwo nta hame ry’ukuri na rimwe dukwiriye gukandagira, dukwiriye guhorana intego yo kugera kuri ubu bumwe. Iki ni cyo gihamya cy’uko turi abayoboke ba Kristo. Yesu yaravuze ati: “Ibyo ni byo bose bazabamenyeraho ko muri abigishwa banjye, nimkundana.” (Yohana 13:35). Intumwa Petero yinginga itorero agira ati: “Ibisigaye, mwese muhuze imitima, mubabarane kandi mukundane nk’abavandimwe, mugirirane imbabazi mwicisha bugufi mu mitima. Ntimukiture umuntu inabi yabagiriye cyangwa igitutsi yabatutse, ahubwo mumwiture kumusabira umugisha kuko ari byo mwahamagariwe, kugira ngo namwe muragwe umugisha.” 1Petero 3:8,9. {AA 357.3}

IGICE CYA 49 - AMAGAMBO AHERUKA YA YOSUWA

`Intambara no kwigarurira igihugu bimaze kurangira, Yosuwa yahise ajya mu kiruhuko cy’izabukuru iwe mu rugo i Timunati-Sera. “Nuko hashize iminsi myinshi, Uwiteka amaze kuruhura Abisirayeli mu ntambara z’ababisha babo bose bari bababikikije, Yosuwa . . . ahamagaza Abisirayeli bose n’abatware babo n’abakuru babo, n’abacamanza babo, n’abatware b’ingabo.” {AA 358.1}

Hashize imyaka mike Abisiraheli bamaze gutura muri gakondo zabo, hari haratangiye kugaragara ibibi nk’ibyari byarigeze gutuma Abisiraheli bahanwa. Ubwo Yosuwa yumvaga ubuzima bwe bugenda bukendera kubera ubusaza, kandi abonye ko umurimo we ugomba kurangira bidatinze, yuzuwemo no guhangayikira ahazaza h’ubwoko bwe. Yaravuze ati: “Mwabonye ibintu byose Uwiteka yagiriye ayo mahanga yose ku bwanyu, kuko Uwiteka Imana yanyu ari we yabarwaniriye.” Nubwo Abanyakanani bari baratsinzwe, bari bagifite umugabane munini w’igihugu cyasezeraniwe Isiraheli, maze Yosuwa yihanangiriza ubwoko bwe kutazadamarara ngo bibagirwe itegeko ry’Imana ryo kumenesha ayo mahanga asenga ibigirwamana. {AA 358.2}

Muri rusange abantu bari bafite ubute bwo kurangiza umurimo wo kwirukana abapagani. Imiryango yari yaratataniye muri gakondo yayo, ingabo zari zaratashye,

kandi byagaragaraga nk’aho kwongera kubyutsa intambara ari umugambi ukomeye kandi ushidikinywaho. Ariko Yosuwa yaravuze ati: “Uwiteka Imana yanyu izabakinagiza imbere yanyu, izabirukana buheriheri muhereko muhindure igihugu cyabo nk’uko Uwiteka Imana yanyu yababwiye. Nuko mube intwari cyane, mubone kwitondera no gusohoza ibyanditswe mu gitabo cy’amategeko ya Mose byose, kugira ngo mutazayateshuka muciye iburyo cyangwa ibumoso.” {AA 358.3}

Yosuwa yibukije abantu ko ubwabo ari abahamya b’uko, uko bagiye buzuza ibyo Imana ibasaba, Imana yagiye ibabera indahemuka ikabasohoreza amasezerano yari yarabasezeranyije. Yaravuze ati: “Muzi neza mu mitima yanyu yose no mu bugingo bwanyu bwose, yuko nta kintu na kimwe cyabuze mu byiza byose, Uwiteka Imana yanyu yabasezeranyije, byose byabasohoyeho nta kintu na kimwe muri ibyo cyabuze.” Yababwiye ko nk’uko Uwiteka yari yarasohoje isezerano rye ari ko azasohoza n’ibyago yavuze. “Nk’uko ibyiza byose Uwiteka Imana yanyu yababwiye byasohoye, ni ko Uwiteka azasohozaho ibyago byose, kugeza aho azabarimburira mugashira muri iki gihugu cyiza Uwiteka Imana yanyu yabahaye. Nimurenga isezerano ry’Uwiteka Imana yanyu yabasezeranyije, mukajya gukorera izindi mana, mukazipfukamira, uburakari bw’Uwiteka buzabakongera murimburwe vuba, mushire muri iki gihugu cyiza yabahaye.” {AA 358.4}

Satani ashuka abantu benshi ababwira ko urukundo Imana ikunda abantu bayo rukomeye cyane ku buryo izabererekera icyaha muri bo. Agaragaza ko nubwo ibyago bivugwa n’ijambo ry’Imana bibereyeho umugambi uhamye mu butegetsi bwayo; ntabwo bishobora kuzasohora nk’uko byavuzwe. Nyamara mu byo igirira ibiremwa byayo, Imana yakomeje gushikama ku mahame y’ubutungane ikoresheje kugaragaza icyaha muri kamere yacyo nyakuri, yerekana ko ingaruka zacyo nyakuri ari ubuhanya n’urupfu. Kubabarirwa ibyaha kutagira icyo gushingiyeho ntikwigeze kubaho kandi ntikuzigera kubaho. Imbabazi nk’izo zagaragaza kurekwa kw’amahame y’ubutungane, kandi ari yo rufatiro rw’ubutegetsi bw’Imana. Zateza amasi atacumuye kumirwa. Imana yagaragaje neza ingaruka z’icyaha, kandi iyo iyo miburo itaba iy’ukuri, mbese twakwiringira dute rwose ko n’amasezerano yayo azasohozwa? Izo ngirwampuhwe zakwirengagiza ubutabera ntabwo ari impuhwe ahubwo ni intege nke. {AA 358.5}

Imana ni umutangabugingo. Uhereye mu itangiriro, amategeko yayo yose yari abereyeho guhesha ubugingo. Ariko icyaha cyaraje cyangiza gahunda Imana yari yarashyizeho, maze hakurikiraho amakimbirane. Kuva icyaha kikiriho, imibabaro n’urupfu ntibishobora kubura. Kubera gusa ko Umucunguzi yikoreye umuvumo w’icyaha ku bwacu ni cyo gituma umuntu muri we ashobora kugira ibyiringiro byo gukira ingaruka z’icyaha zishishana. {AA 359.1}

Mbere y’urupfu rwa Yosuwa, abakuru n’abahagarariye imiryango, bumviye irarika rye

maze bongera guteranira i Shekemu. Nta hantu na hamwe mu gihugu hari harabereye guterana kwera nk’uko, aho abantu basubije ibitekerezo inyuma bakibuka isezerano Imana yagiranye na Aburahamu na Yakobo, ndetse bakibuka indahiro ubwabo barahiye ubwo binjiraga muri Kanani. Aho hari imisozi ya Ebali na Gerizimu, ikaba yari abahamya batavuga b’izo ndahiro bari bateraniye kuvugururira imbere y’umuyobozi wabo wari ugiye gupfa. Impande hari ibihamya by’ibyo Imana yabakoreye; uko yari yarabahaye igihugu batari bararuhiye, imijyi batubatse, n’imirima y’inzabibu n’imyelayo batateye. Yosuwa yongeye kwibutsa amateka ya Isiraheli, abatekerereza imirimo itangaza Imana yakoze kugira ngo babashe gusobanukirwa urukundo n’imbabazi byayo maze bayikorere “mu kuri no gukiranuka.” {AA 359.2}

Kubw’amabwiriza yatanzwe na Yosuwa isanduku y’isezerano yari yarakuwe i Shilo. Iyo gahunda barimo yari iy’agaciro gakomeye, kandi icyo kimenyetso cy’uko Imana iri aho hantu cyagombaga gushimangira imyumvire yashakaga kwinjiza mu bantu be. Nyuma yo kwerekana ineza Imana yagiriye Abisiraheli, mu izina ry’Uwiteka, Yosuwa yabahamagariye guhitamo uwo bazakorera. Gusenga ibigirwamana byari bigikorerwa mu rwihisho n’abantu bamwe, maze noneho Yosuwa ashishikarira kubararikira gufata icyemezo cyashoboraga guhanagura icyo cyaha mu Bisiraheli. Yaravuze ati: “Kandi niba mutekereza ko ari bibi gukorera Uwiteka, uyu munsi nimwitoranyirize uwo muzakorera.” Yosuwa yifuzaga kubayobora ku gukorera Imana, atari ku bw’agahato, ahubwo ku bw’umutima w’ubushake. Kwirundurira mu murimo wayo bitewe gusa n’ibyiringiro byo kuzabona ingororano cyangwa bitewe n’ubwoba bwo kuzagerwaho n’igihano ntacyo bimaze. Ntabwo ubuhakanyi bweruye bushobora gutukisha Imana cyane kurenza uburyarya no gusenga by’umuhango. {AA 359.3}

Uwo muyobozi w’umukambwe yihanangirije abantu kuzirikana, mu migirire yabo yose, ibyo yari yabashyize imbere. Yanabasabye gufata umwanzuro niba mu by’ukuri bifuza kubaho nk’uko amahanga yari abazengurutse yasengaga ibigirwamana yabagaho. Niba kuri bo byari bibi gukorera Yehova, we soko y’ububasha n’umugisha, uwo munsi bagombaga guhitamo uwo bazakorera, “imana ba sogokuruza wanyu bakoreye,” ari na bo Aburahamu yahamagariwe kuvamo, “cyangwa se imana z’Abamori bene iki gihugu mutuyemo.” Aya magambo aheruka yari ugucyaha gukomeye ku bwoko bw’Abisiraheli. Ibigirwamana by’Abamori ntibyashoboye kurinda ababiramyaga. Bitewe n’ibizira byabo n’ibyaha byabo by’indengakamere, iryo shyanga ry’abanyabyaha ryari ryararimbuwe, maze icyo gihugu cyiza bari barigeze gutura baracyamburwa gihabwa ubwoko bw’Imana. Mbega ubupfapfa bukomeye Abisiraheli bari kuba bagize bwo gihitamo ibigirwamana by’Abamori kandi bari bararimbuwe nubwo babisengaga! Yosuwa we yaravuze ati: “Ariko jye n’inzu yanjye, tuzakorera Uwiteka.” Iryo shyaka ryera ryakoreshaga umutima w’uwo muyobozi ryagejejwe ku bantu. Irarika rye ryatumye habaho igisubizo kitarangwamo kuzuyaza, maze abantu barasubiza bati: “Kwimura

Uwiteka ngo dukorere izindi mana biragatsindwa.” {AA 359.4}

Yosuwa yaravuze ati: ” Ku bwanyu ntimubasha gukorera Uwiteka kuko ari Imana yera; . . . ntiyemere kubabarira ibicumuro byanyu n’ibyaha byanyu.” Mbere yuko hakorwa ubugorozi buhoraho, abantu bagombaga kubanza kumenya neza ko ubwabo batakwishoboza kumvira Imana. Bari barishe amategeko yayo, yabaciragaho iteka nk’abanyabyaha, kandi nta makiriro amategeko yabateganyirizaga. Igihe cyose babaga biringiye imbaraga zabo n’ubutungane bwabo bwite, ntibyajyaga kubashobokera ko babona imbabazi z’ibyaha byabo. Ntibashoboraga gutunganya ibisabwa n’amategeko atunganye y’Imana; bityo rero kwirirwa barahira ubwabo ko bazakorera Imana ntacyo byari bimaze. Keretse gusa ku bwo kwizera Yesu Kristo, ni ho bashoboraga kubabarirwa ibyaha byabo kandi bagahabwa imbaraga zo kumvira amategeko y’Imana. Niba barashakaga kwemerwa n’Imana, bagombaga kureka kwishingikiriza ku mbaraga zabo ngo bibe byabahesha agakiza, bagombaga kwiringira rwose ibyo Umukiza wasezeranywe yakoze.

{AA 360.1}

Yosuwa yashishikariye gutera abamuteze amatwi kugenzura neza amagambo yabo, bakirinda kurahira indahiro batari biteguye gusohoza. Bongeye gusubiramo amagambo yabo bayakomeyeho bati: “Oya, ahubwo tuzakorera Uwiteka.” Baramaramaje bemera umuhamya uzabashinja ko bahisemo Uwiteka, bongeye gusubiramo indahiro yabo ko bazumvira bavuga bati: “Uwiteka Imana yacu ni yo tuzakorera, kandi tuzayumvira.” {AA 360.2}

“Nuko uwo munsi Yosuwa asezerana n’abantu, abahera amateka n’amategeko i Shekemu.” Yosuwa amaze kwandika iby’iyo ndahiro, yabishyize mu ruhande rw’isanduku y’isezerano hamwe n’igitabo cy’amategeko. Nuko Yosuwa ashinga inkingi y’urwibutso, aravuga ati: “Dore iri buye ni ryo muhamya uduhamiriza ibyo, kuko ryumvise amagambo Uwiteka yatubwiye yose. Ni cyo gituma ribaye umuhamya muri mwe kugira ngo mutazihakana Imana yanyu. Nuko Yosuwa asezerera abantu, ngo umuntu wese ajye muri gakondo ye.” {AA 360.3}

Umurimo Yosuwa yakoreraga Abisiraheli wari urangiye. Yari “yarakurikiye Uwiteka mu buryo bwose;” kandi yanditswe mu gitabo cy’Imana ngo: “umugaragu w’Uwiteka.” Ubuhamya bwiza bw’imico ye nk’umuyobozi wa rubanda ni amateka y’ab’igisekuru cyagize amahirwe yo kunezererwa ibikorwa bye: “Abisirayeli bakoreraga Uwiteka, no mu gihe cyose cy’abakuru basigaye Yosuwa amaze gupfa.” {AA 360.4}

IGICE CYA 50 - ICYACUMI N'AMATURO

Mu mibereho y'Abaheburayo, icyacumi cy'ibyo ab'ubwo bwoko bungukaga cyashyirwaga iruhande kugira ngo gishyigikire gahunda yo kuramya Imana kw'ishyanga. Mose yabwiye Abisiraheli ati: "Mu bimeze mu butaka byose, naho yaba imyaka cyangwa imbuto z'ibiti, kimwe mu icumi ni icy'Uwiteka. Ni icyera cy'Uwiteka." "Kimwe mu icumi cyo mu mashyo yose cyangwa imikumbi yose, . . .imwe mu icumi ijye iba iyera y'Uwiteka." Abalewi 27:30, 32. {AA 361.1}

Ariko gahunda yo gutanga icyacumi ntiyatangiranye n'Abaheburayo. Uhereye mu bihe bya kera na kare, Uwiteka yavuze ko icyacumi ari icye, kandi ibyo byarazirikanwaga ndetse bikubahirizwa. Aburahamu yahaye icyacumi Melikisedeki wari umutambyi w'Imana Ishoborabyose. (Itangiriro 14:20). Igihe Yakobo yari i Beteli, ari impunzi n'inzererezi, yasezeraniye Uwiteka ati: "ku byo uzajya umpa byose, sinzabura kuguha kimwe mu icumi." (Itangiriro 28:22). Igihe Abisiraheli bari bagiye gutuzwa nk'ishyanga, itegeko ryo gutanga icyacumi ryarashimangiwe nka rimwe mu mategeko yatanzwe n'Imana. Kugubwa neza kwabo kwari gushingiye ku kumvira ayo mategeko. {AA 361.2}

Gahunda yo gutanga icyacumi n'amaturo yari igamije gushimangira mu ntekerezo z'abantu ukuri gukomeye kuvuga ko Imana ari yo soko y'imigisha yose igera ku biremwa byayo, kandi ko umuntu akwiriye kuyishima kubw'impano nziza ziva ku buntu bwayo. {AA 361.3}

"Kuko ari yo yahaye bose ubugingo no guhumeka n'ibindi byose." (Ibyakozwe n'Intumwa 17:25). Uwiteka aravuga ati: "Kuko inyamaswa zose zo mu ishyamba ari izanjye, n'inka z'ibirarashyamba zo ku misozi igihumbi." (Zaburi 50:10). "Ifeza ni izanjye, n'izahabu na zo ni izanjye." (Hagayi 2:8). Imana niyo iha abantu imbaraga, zibaronkesha ubutunzi. (Gutegeka kwa kabiri 8:18). Nk'uburyo bwo kuzirikana ko ibintu byose ari yo biturukaho, Imana yategetse ko umugabane umwe w'ibivuye ku migisha yabahaye ugomba kuyigarurirwa ari impano n'amaturo bo gushyigikira gahunda yo kuyiramya. {AA 361.4}

"Icya cumi . . . ni icy'Uwiteka." Aha hakoreshejwe imvugo isa n'iyakoreshejwe mu itegeko ry'Isabato. "Ariko uwa karindwi ni wo Sabato y'Uwiteka Imana yawe." (Kuva 20:10). Imana ubwayo yasigiye umugabane wihariye ku gihe yageneye umuntu no ku butunzi bwe. Ubwo rero nta muntu wagira kimwe muri ibyo icye ngo abure kuba acumuye. {AA 361.5}

Icyacumi, cyagombaga guharirwa Abalewi gusa. Bari umuryango watoranyirijwe kuzajya bakora mu buturo bwera. Ariko ibyo si ukuvuga ko ari ryo ryari iherezo ryo gutanga inkunga zindi zijyanye n'iby'iyobokamana. Ihema ry'ibonaniro, nyuma ryiswe

ingoro y’Imana, ryose uko ringana ryari ryarubatswe n’amaturo atanganwe ubushake. Kugira ngo bateganyirize indi mirimo yo gusana ya ngombwa cyangwa ibindi bikorwa, Mose yategetse ko umuntu wese agomba gutanga igice cya kabiri cya sekeli ngo cyunganire “imirimo y’ihema.” Kubw’uyu mugambi, mu gihe cya Nehemiya hatangwaga inkunga buri mwaka. (Kuva 30:12-16; 2Abami 12:4,5; 2 Ngoma 24:4-13; Nehemiya 10:32,33). Uko ibihe byajyaga bisimburana amaturo yo guhongerera ibyaha n’amaturo yo gushima yahoraga aturwa Imana. Ayo maturo yatangwaga ari menshi cyane mu gihe cy’iminsi mikuru y’ingando yabaga buri mwaka. Andi maturo menshi atanganwe ubuntu yashyiriweho abakene. {AA 361.6}

Na mbere y’uko icyacumi gishirwa iruhande, habagaho kuzirikana ibyo Imana isaba. Umuganura w’imyaka yose yeraga mu mirima wari wareguriweUwiteka. Umuganura w’ubwoya bw’intama igihe zogoshwaga, umuganura w’impeke igihe ingano zasarurwaga, umuganura w’amavuta na divayi, ibyo byose byashyirwaga iruhande bikegurirwa Imana. Ni nako byari bimeze ku buriza bw’amatungo; kandi hari ikiguzi cyatangwaga kugira ngo hacungurwe umwana w’imfura. Umuganura wajyanwaga imbere y’Uwiteka ku buturo bwera, maze ugahabwa abatambyi akaba ari bo bawukoresha. {AA 362.1}

Muri ubwo buryo, abantu bahoraga bibutswa ko Imana ari yo nyir’amasambu, amashyo n’imikumbi bari batunze. Bibutswaga ko ibohereereza umucyo w’izuba n’imvura mu gihe cy’ibiba n’isarura, kandi ko ikintu cyose bari batunze ari yo yakiremye ndetse ko yabagize ibisonga by’ibintu byayo. {AA 362.2}

Uko Abisiraheli bazaga bikoreye amatunda ibyeze mbere yo mu mirima no mu nzabibu, bateraniraga ku ihema ry’ibonaniro, aho bahagaragarizaga ko bazirikana ku mugaragaro ineza Imana yabagiriye. Iyo umutambyi yabaga yemeye iryo turo, uwarituye yavugaga nk’uhagaze imbere y’Uwiteka ati: “Sogokuruza yari umwaramu wari bugufi bwo gushiraho;” maze kandi agasobanura uko yabaye mu Misiri ndetse n’imibabaro Imana yakuyemo Isiraheli akoresheje “amaboko menshi n’ukuboko kurambutse, n’ibiteye ubwoba bikomeye n’ibimenyetso n’ibitangaza.” Yaravugaga ati: “Atuzana aha hantu aduha iki gihugu, ari igihugu cy’amata n’ubuki. None, dore nzanye umuganura w’ibyeze mu butaka, ibyo umpaye, Uwiteka.” Gutegeka kwa kabiri 26:5, 8-10. {AA 362.3}

Ibyo Abaheburayo basabwaga gutanga kubwa gahunda yo kuyoboka Imana ndetse n’iy’ubugiraneza, byageraga kuri kimwe cya kane cy’ibyo bungukaga. Umuntu ashobora kwitega ko kwaka abantu ibintu byinshi kubyo binjiza bibasha kubatera ubukene; nyamara ibiramambu, kubahiriza ariya mabwiriza nk’uko ari byari imwe mu byangombwa bisabwa kugira ngo bagubwe neza. Imana yabahaye iri sezerano igihe bazaba bumviye igira iti: “Nzahana indyanyi nyibahora, ntizarimbura imyaka yo ku

butaka bwanyu, kandi n’umuzabibu wanyu ntuzaragarika imbuto mu murima igihe cyawo kitaragera . . . Kandi amahanga yose azabita abanyamahirwe, kuko muzaba igihugu kinezeza. Ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga.” Malaki 3:11. {AA 362.4}

Urugero rukomeye rw’ingaruka ziva ku kwimana n’amaturo y’ubushake ngo akore umurimo w’Imana, bitewe no kwikanyiza, rwatanzwe mu gihe cy’umuhanuzi Hagayi. Nyuma yo kuva mu bunyage i Babuloni, Abayuda batangiye gusana ingoro y’Uwiteka; ariko ubwo bari bahuye no kurwanywa n’abanzi babo, bahagaritse uwo murimo. Hateye amapfa akomeye ntibabona ibyo babaga bakeneye, maze bituma babona ko bidashoboka barangiza inyubako y’iyo ngoro. Baravuze bati: “Igihe cyo kongera kubaka inzu y’Uwiteka ntikiragera.” Nyamara binyuze mu muhanuzi w’Uwiteka bohererejwe ubutumwa buvuga buti: “‘Mbese birakwiye ko mwibera mu mazu yanyu y’ibitabashwa, na rwo urusengero rukaba umusaka?’ Noneho rero Uwiteka Nyiringabo aravuga ati: ‘Nimwibuke ibyo mukora. Mwabibye byinshi ariko musarura bike, murarya ariko ntimuhaga, muranywa ariko ntimushira inyota, murambara ariko ntimushira imbeho, kandi n’ukorera ibihembo abibika mu ruhago rutobotse.’” (Hagayi 1:2-6). Noneho hatanzwe impamvu yabyo muri aya magambo: “Mwiringiraga kubona byinshi ariko dore byabaye bike, mubizanye imuhira mbitumuza umwuka wanjye. Ibyo byatewe n’iki? Ni ko Uwiteka Nyiringabo abaza. Byatewe n’inzu yanjye isigaye ari umusaka, kandi umuntu wese wo muri mwe yihutira kwiyubakira iye nzu. Ni cyo gituma ijuru ku bwanyu ryimana ikime, n’isi ibura umwero wayo. Nuko ntera amapfa mu gihugu no ku misozi, no ku myaka no ku nzabibu, no ku mavuta ya elayo no ku byera mu butaka byose, no ku bantu no ku matungo, no mu mirimo yose ikoreshwa amaboko.” {AA 362.5}

(Hagayi 1:9-12). “Icyo gihe cyose uwageraga ku miba ikwiriye kuvamo incuro makumyabiri havagamo icumi gusa, uwageraga ku muvure wa vino yibwira ko azavanamo incuro mirongo itanu, yavanagamo makumyabiri gusa. Nabateje amapfa no kuma n’uruhumbu n’urubura byonona ibyo mwakoraga n’amaboko yanyu byose.” (Hagayi 2:16,17). {AA 363.1}

Abantu bakanguwe n’iyi miburo maze bahagurukira kubaka inzu y’Imana. Nuko ijambo ry’Uwiteka ribageraho riti: “Ndabinginga mutekereze ibizaba ibizaba uhereye none no mu bihe bizaza, kuva ku munsi wa makumyabiri n’ine w’ukwezi kwa cyenda, igihe urufatiro rw’urusengero rw’Uwiteka rushinzwe . . . uhereye uyu munsi nzabaha umugisha.” (Hagayi 2:18,19). {AA 363.2}

Umunyabwenge aravuga ati: “Hari umuntu utanga akwiragiza, nyamara akarushaho kunguka. Kandi hari uwimana birenza urugero, ariko we bizamutera ubukene gusa.” (Imigani 11:24). Na none kandi iki cyigisho cyigishijwe n’intumwa Pawulo mu Isezerano Rishya agira ati: “Ubiba nke, azasarura bike, naho ubiba nyinshi, azasarura

byinshi.” “Kandi rero Imana ishobora kubasazaho ubuntu bwose, kugira ngo murusheho gukora ibyiza byose, mufite ibibahagije muri byose.” 2 Abakorinto 9:6-8.

{AA 363.3}

Imana yari igamije ko ubwoko bwayo Isiraheli buhinduka buba ubwoko bugeza umucyo ku batuye isi. Mu gushikama ku kuramya Imana ku mugaragaro, babaga bahamya kubaho ndetse n’ubutware by’Imana nzima. Bari bafite amahirwe yo gushyigikira uku kuramya, nk’uburyo bwo kugaragaza ko bayobotse Imana kandi ko bayikunda. Imana yategetse ko ikwizwa ry’umucyo n’ukuri ku isi bizashingira ku mwete n’amaturo by’abagabanye ku mpano ijuru ryatanze. Imana iba yarahinduye abamarayika bayo intumwa ngo zijyane ukuri kwayo; iba ubwayo yaramenyesheje ubushake bwayo nk’uko yavugiye ku musozi Sinayi n’ijwi ryayo; ariko mu rukundo rwayo n’ubwenge bitagerwa, yahamagariye abantu guhinduka abakorana nayo ikoresheje kubatoranya ngo bakore umurimo wayo. {AA 363.4}

Mu gihe cy’Abisiraheli, icyacumi n’amaturo atanganywe ubushake byari bikenewe kugira ngo bibesheho ibyasabwaga n’umurimo w’Imana. Mbese abantu b’Imana bakwiriye gutanga bike muri iki gihe? Ihame Kristo yashyizeho ni iry’uko amaturo dutura Imana akwiriye kungana n’umucyo n’amahirwe twahawe. “Uwahawe byinshi wese, azabazwa byinshi.” (Luka 12:48). Ubwo Umukiza yatumaga abigishwa be yarababwiye ati: “Mwaherewe ubusa, namwe mujye mutangira ubundi.” (Matayo 10:8). Ubwo dufite imigisha n’amahirwe byinshi, kandi hejuru ya byose ubwo dufite imbere yacu igitambo kitagereranywa cy’Umwana w’Imana w’icyubahiro, mbese ishimwe ryacu ntiryari rikwiriye kugaragarira mu mpano nyinshi dutanga kugira ngo tugeze ku bandi ubutumwa bw’agakiza? Uko umurimo wo kwamamwaza ubutumwa bwiza ugenda waguka, ni ko ukenera umutungo mwinshi wo kuwushyigikira kurusha uko byari bimeze mu bihe bya kera; kandi ibi bituma itegeko ryo gutanga icyacumi n’amaturo rirushaho kuba ingenzi kandi ryihutirwa muri iki gihe kurusha mu gihe cy’Abaheburayo. Iyaba abantu b’Imana babaga abanyabuntu kugira ngo bashyigikire umurimo wayo batanga impano zabo z’ubushake mu mwanya wo gukoresha uburyo butari ubwa Gikristo kandi budatunganye kugira ngo umutungo ugwire, Imana yahabwa icyubahiro, kandi n’abandi bantu benshi cyane bagarurirwa Kristo. {AA 363.5}

Umugambi wa Mose wo gukusanya amaturo yo kubakisha ihema ry’ibonaniro wageze ku ntego rwose. Nta kwinginga cyangwa guhata byabaye ngombwa ko bikoreshwa. Nta nubwo yakoresheje bumwe mu buryo amatorero muri iki gihe cyacu akunze kwifashisha. Nta birori bikomeye yakoresheje. Ntabwo yatumiye abantu ngo baze mu birori byo kwishimisha, kubyina, ndetse no kwinezeza; nta nubwo yashyizeho za tombora cyangwa ibikino nk’ibyo bihumanye kugira ngo abone ibikoresho bo kubaka ihema ry’Imana. Uwiteka yategetse Mose gusaba Abisiraheli kuzana amaturo yabo.

Yagombaga kwakira amaturo y’umuntu wese utanganye ubushake n’umutima ukunze. Nuko hatangwa amaturo menshi cyane kugeza ubwo Mose yasabye abantu kurekera aho gutura kuko bari batanze menshi cyane arenze ayari akenewe gukoreshwa. {AA 364.1}

Imana yagize abantu ibisonga byayo. Umutungo Imana yashyize mu biganza byabo ni uburyo yatanze kugira ngo ubutumwa bwiza bwamamazwe. Abantu bagaragaza ko ari ibisonga bikiranuka, Uwiteka azabaragiza ubutunzi buruseho. Uwiteka yaravuze ati: “Kuko abanyubaha ari bo nzubaha.” (1 Samweli 2:30). ‘Imana ikunda utanga anezerewe,” kandi iyo abantu bayo, buzuye imitima ishima, bayizaniye impano n’amaturo byabo, “batagononwa cyangwa se bidatewe n’uko ari agahato,” bazagerwaho n’imigisha yayo nk’uko yabisezeranye. “Ngaho nimuzane kimwe cya cumi gishyitse, mugishyire mu bubiko bw’Ingoro yanjye kugira ngo ibemo ibyokurya. Ngaho nimubikore murebe ko ntazagomorora imigomero y’ijuru, nkabasenderezaho imigisha myinshi cyane.” Malaki 3:10. {AA 364.2}

IGICE CYA 51 - UKO IMANA YITA KU BAKENE

Kugira ngo abantu babashe guterana baramye Imana, ndetse no kugira ngo abakene bafashwe, byabaye ngombwa ko hasabwa icyacumi cya kabiri ku byungutswe. Uwiteka yavuze ku byerekeye icya cumi cya mbere agira ati: “Abalewi dore mbahaye kimwe mu icumi cya byose kizatangwa n’Abisirayeli.” (Kubara 18:21). Naho ku byerekeye icyacumi cya kabiri cyo, Imana yarategetse iti: “Kandi uzajye urira imbere y’Uwiteka Imana yawe, ahantu izatoraniriza kuhashyira izina ryayo ngo rihabe, kimwe mu icumi cy’amasaka yawe, n’icya vino yawe, n’icy’amavuta ya elayo yawe, n’uburiza bw’amashyo yawe n’ubw’imikumbi yawe, kugira ngo wige guhora wubaha Uwiteka Imana yawe.” (Gutegeka kwa kabiri 14:23, 29; 16:11-14). Mu gihe cy’imyaka ibiri basabwaga kuzana iki cyacumi cyangwa agaciro kacyo aho ubuturo bwera bwagombaga kubakwa. Nyuma yo guha Imana ituro ryo gushima, no guha umutambyi umugabane wihariye, abatangaga bagombaga gukoresha ibyari bisigaye mu birori byerekeranye n’imihango yo kuramya Imana yagombaga kubamo Umulewi, umusuhuke w’umunyamahanga, impfubyi n’umupfakazi. Uko ni ko ibintu byatangwaga biteganyirijwe amaturo yo gushima ndetse n’ibirori byo ku minsi mikuru y’umwaka, kandi abantu bazaga hafi y’abatambyi n’Abalewi kugira ngo bahabwe amabwiriza ndetse baterwe umwete mu murimo w’Imana. {AA 365.1}

Nyamara, buri gihe mu mwaka wa gatatu, icyo cya cumi cya kabiri cyagombaga gukoreshwa mu rugo, mu kwakira Umulewi n'umukene nk'uko Mose yavuze ati: "Kugira ngo barire iwanyu bahage." (Gutegeka kwa kabiri 26:12). Icyo cyacumi cyavagamo umutungo wo gufasha no kuzimanira abantu. {AA 365.2}

Kandi hari n'ibindi byateganyirizwaga abakene. Nyuma yo kuzirikana ibyo Imana ishaka, nta kindi cyashyiraga hejuru amategeko yatanzwe na Mose kurusha umutima wo gutangana ubuntu, ubugwaneza ndetse n'urugwiro wagombaga kugaragarizwa abakene. Nubwo Imana yari yarasezeranye bikomeye guha ubwoko bwayo imigisha, ntabwo byari umugambi wayo ko ubukene bwabura kuba mu Bisiraheli. Yavuze ko abakene batazabura mu gihugu. Mu bwoko bwayo hashoboraga iteka guhora abantu batuma bugaragaza umutima wabwo w'ubugwaneza, no kugira ubuntu. Muri icyo gihe nk'uko bimeze n'ubu, abantu bagiraga ibyago, uburwayi no gutakaza umutungo wabo; nyamara igihe cyose bakurikizaga amabwiriza yatanzwe n'Imana, muri bo nta wasabirizaga, nta n'uwaburaga ibyokurya. {AA 365.3}

Itegeko ry'Imana ryahaga abakene uburenganzira bwo kugira umugabane bahabwa ku byeraga mu butaka. Umuntu wabaga ashonje, yari afite uburenganzira bwo kujya mu murima w'umuturanyi we, mu murima w'ibiti by'amatunda, cyangwa mu ruzabibu, akarya ku mpeke cyangwa imbuto agahaga. Mu rwego rw'ubu burenganzira bwari bwaratanzwe ni ho abigishwa ba Yesu baciye mahundo y'impeke zari mu murima banyuragamo maze bararya kandi hari ku munsi w'Isabato. {AA 365.4}

Ibihumbano kbyose byasigaye mu mirima bamaze gusarura, byaba iby'impeke n'inzabibu byari iby'abakene. Mose yaravuze ati: "Nusarura umurima wawe, ukibagirwa umuganda muri wo, ntuzasubireyo kuwenda,. .. Nukubitira umwelayo wawe kugusha imbuto zawo, ntuzasubire kwakura amashami yawo ubwa kabiri....Nusoroma imbuto z''uruzabibu rwawe, ntuzasubiremo guhumba, izisigaye zizabe iz'umusuhuke w'umunyamahanga n'iz'impfubyi n'iz'umupfakazi. Kandi ujye wibuka yuko wari umuretwa mu gihugu cya Egiputa." Gutegeka kwa Kabiri 24:19-22. Reba n'Abalewi 19:9,10.

{AA 365.5}

Buri mwaka wa karindwi hose abakene bagiraga ibyo bahabwa byihariye. Umwaka w'Isabato nk'uko bawitaga, watangiraga bamaze gusarura. Igihe habaga ari ku mwero, nyuma yo gusarura, abantu ntibagombaga kubiba; kandi ntibagombaga guhingira uruzabibu ku rugaryi; kandi ntibagombaga kwibwira yuko bashobora gusarura cyangwa ngo basorome imizabibu. Ibyeraga mu mirima bahitaga babiryaho bikiri bibisi, nyamara ntyibagombaga kugira ibyo basarura ngo bahunike. Umusaruro w'uwo mwaka wagombaga kurekerwa umusuhuke w'umunyamahanga, impfubyi, n'umupfakazi, ndetse n'inyamaswa zo mu gasozi. Kuva 23:10, 11; Abalewi 25:5. {AA

366.1}

Ariko se igihe igihugu cyeraga mu buryo abantu babonaga ibyokurya bibahagije gusa, babagaho bate mu mwaka batasaruyemo? Kuri iki kibazo, hari icyo isezerano ry'Imana ryari ryarateganyije. Imana yaravuze iti: "Nuko mu mwaka wa gatandatu nzajya mbohererereza umugisha ntanga, ubutaka bubereremo uburumbuke bubatunge imyaka itatu. Kandi ku mwaka wa munani muzajye mubiba, murye ibigugu, mutarageza ku wa cyenda ngo musarure muzajya murya ibigugu." Abalewi 25:21, 22. {AA 366.2}

Kubahiriza umwaka mwaka wa karindwi wo guhara imyenda (umwaka w'Isabato) byagombaga kubera inyungu yaba imirima ndetse n'abantu. Ubutaka bwararaga ntibuhingwe umwaka umwe nyuma yaho bwareraga cyane birushije uko bwari busanzwe bwera. Abantu babaga baruhuwe imirimo ibagoye yo gukora mu mirima; kandi nubwo habaga hariho imirimo y'uburyo bwinshi yashoboraga gukorwa muri iki gihe, abantu bose banezezwaga no kwidagadura kwabaheshaga amahirwe yo kongera kubaka imbaraga z'umubiri bazakenera gukoresha mu myaka yagombaga gukurikiraho. Babonaga igihe kinini cyo gutekereza, gusenga no kuramya, igihe cyo kwiga inyigisho z'Uwiteka n'ibyo abasaba, ndetse n'igihe cyo kwigisha abo mu miryango yabo. {AA 366.3}

Mu mwaka wa karindwi wo guhara imyenda, abaretwa b'Abaheburayo bahabwaga umudendezo, kandi ntibagombaga kwirukanwa nta mugabane bahawe. Imana yari yaratanze aya mabwiriza iti: "Kandi numuhara ngo agende agire umudendezo, ntuzarnuhare nta cyo umuhaye, ahubwo uzamuhe byinshi ku mukumbi wawe, no ku mbuga yawe uhuriraho, no ku muvure wawe wengeramo vino; uko Uwiteka Imana yawe yaguhaye umugisha, azabe ari ko umuha." Gutegeka kwa Kabiri 15:13,14.

{AA 366.4}

Hari n'amabwiriza yihariye yari yaratanzwe yerekeye uko bagomba gufata inkoreragahato zatorotse. Ayo mabwiriza yari aya ngo: "Imbata icitse shebuja ikaguhungiraho ntuzayimusubize. Ibane namwe hagati muri mwe, aho izatoranya muri umwe mu midugudu yanyu, aho ikunze kuba ntuzayigirire nabi." Gutegeka kwa kabiri 24:14,15. {AA 366.5}

Ku bakene, umwaka wa karindwi wari umwaka wo guharirwa imyenda. Igihe cyose Abaheburayo bategekwaga gufasha abavandimwe babo bakennye babaguriza amafaranga nta nyungu babasaba. Kwaka umukene inyungu ku nguzanyo umuhaye byari bibujijwe cyane. "Mwene wanyu nakena, akananirizwa gukora n'intege nke imbere yawe, ujye umufasha, mubane nk'umunyamahanga n'umusuhuke ugusuhukiyeho. Ntukamwake inyungu cyangwa ibirenze, ahubwo utinye Imana yawe, kugira ngo mwene wanyu abone uko abana na we. Ntukamuguririze ifeza zawe

kumwaka inyungu, cyangwa ibyo kurya byawe ngo uzamwake ibirenze.” Abalewi 25:35 -37. Iyo umwenda utishyurwaga kugeza ku mwaka wo guhara imyenda, uwo mwenda wabaga utacyishyuwe. Abantu bari baraburiwe mu buryo bukomeye ko bagomba kwirinda kwima mwene wabo ibyamufasha ngo abeho. “Nihaba muri mwe umukene, ari umwe muri bene wanyu,...ntuzanangire umutima wawe, ntuzagundire ibyawe ngo ubyime mwene wanyu w’umukene. . . .Wirinde kwibwira icy’ubuntu buke uti: ‘Umwaka wa karindwi wo guhara imyenda urenda gutaha: bigatuma urebana imbabazi nke mwene wanyu w’umukene, ukanga kugira icyo umuha; adatakira Uwiteka akurega, ukagibwaho n’icyaha.” “Kuko ari nta bwo abakene bazashira mu gihugu, ni cyo gitumye ngutegeka nti: ‘Ntuzabure kuramburira iminwe mwene wanyu w’umukene w’umworo, uri mu gihugu cyawe,” “..ntuzabure kumuramburira iminwe, ntuzabure kumuguriza ibimumaze ubukene bw’icyo akeneye.” Gutegeka kwa Kabiri 15:7, 9, 11,8. {AA 366.6}

Nta muntu n’umwe ukwiriye gutinya ko kuba umunyabuntu kwe bibasha kumutera ubukene. Uko byagenda kose kumvira amategeko y’Imana bitera kugubwa neza. Uwiteka yaravuze ati: “...uzaguriza amahanga menshi, ariko ntuzayaguzaho, kandi uzatwara amahanga menshi, ariko yo ntazagutwara.” Gutegeka kwa Kabiri 15:6. {AA 367.1}

Nyuma y’ “amasabato arindwi y’imyaka,” “imyaka irindwi incuro ndwi,” habagaho umwaka ukomeye wo kurekura abaretwa, wiswe uwa yubile. “... uzajye uzerereza ihembe barivuze ijwi rirenga mu gihugu cyanyu cyose. Mujye mweza umwaka wa mirongo itanu, mu gihugu cyose, murangire abo muri cyo bose umudendezo. Uwo mwaka ujye ubabera uwa yubile, muri wo mujye musubiza umuntu wese asubire mu muryango we.” Abalewi 25:9,10. {AA 367.2}

“Ku munsi wa cumi w’ukwezi kwa karindwi. . . ku munsi w’impongano,” ihembe rya yubile ryaravuzwaga. Mu gihugu cyose, aho Abayahudi babaga batuye hose, ijwi ry’ihembe ryarumvikanaga, rihamagarira abana ba Yakobo bose kwakira umwaka wo gutanga umudendezo. Ku munsi w’impongano, ibyaha by’Abisiraheli byarahongererwaga, kandi abantu bagombaga kwakira umwaka wa yubile banezerewe mu mitima. {AA 367.3}

Nk’uko byagendaga mu mwaka wa karindwi wo guhara imyenda (umwaka w’isabato), igihugu nticyagombaga kubibwa cyangwa ngo gisarurwe, kandi ibyo cyeraga byose byari umutungo w’abakene bafitiye uburenganzira. Itsinda rimwe ry’inkoreragahato z’Abaheburayo (inkoreragahato zose zitabaga zarabonye umudendezo mu mwaka wa karindwi wo guhara imyenda), icyo gihe zahabwaga umudendezo. Ariko ikitari gisanzwe cyane mu mwaka wa yubile ni uko ubutaka n’ibiburiho bwagombaga gusubizwa uwari nyirabwo. Hakurikijwe amabwiriza yihariye yatanzwe n’Imana, igihugu cyari cyaragabanyijwemo imigabane. Nyuma yo kukigabanya, nta muntu wari

ufite uburenganzira bwo kugurana gakondo ye. Nta n'ubwo yagombaga kugurisha ubutaka bwe keretse ari ubukene bubimuteye, kandi iyo byagendaga bityo, igihe cyose we ubwe cyangwa uwo mu muryango we yifuzaga kubucungura, uwabuguze ntiyagombaga kwanga kubusubiza. Iyo bwabaga budacunguwe, bwasubizwaga nyirabwo cyangwa abazungura be mu mwaka wa yubile.

{AA 367.4}

Uwiteka yabwiye Abisiraheli ati: "Ntimukagurishe burundu amasambu kuko ubutaka ari ubwanjye, namwe muzaba nk'abashyitsi bahatiwe."(Abalewi 25:23). Abantu bagombaga kuzirikana ko bwabaga ari ubutaka bw'Imana bemerewe gutunga mu gihe runaka; ko ari yo nyirabwo ubifitiye uburenganzira, nyirabwo katanga ka mbere, kandi ko ishaka ko haba uburyo bwihariye bwo kuzirikana abakene n'abagize ingorane. Abantu bose bagombaga kuzirikana mu ntekerezo zabo ko abakene na bo bafite uburenganzira bwo kugira ubutaka mu isi y'Imana kimwe n'abakire. Uko ni ko Umuremyi wacu w'umunyampuhwe yateganyije kugira ngo yoroshye imibabaro, azane ibyiringiro, azane imyambi y'umucyo w'izuba mu mibereho y'abakene n'abihebye. {AA 368.1}

Uwiteka yarwanyaga cyane gukabya gukunda ubutunzi n'ubutware. Hari ibyago bikomeye byajyaga gukomoka mu gukomeza kwirundanyirizaho ubutunzi kw'itsinda rimwe ry'abantu mu gihe irindi tsinda rirushaho gukena kandi rigasigingira. Iyo hatabaho ibintu bimwe bibujijwe, ubutware bw'abakire bwari guhabwa ijambo maze abakene bagafatwa nk'aho batareshya n'abavandimwe babo babarushije amahirwe, nubwo muri byose banganya agaciro n'abakire mu maso y'Imana. Kubona iryo kandamizwa byajyaga gutera uburakari itsinda ry'abakene. Hajyaga kubaho kwiheba no gutakaza icyizere byashoboraga gutuma umuryango mugari w'abantu utakaza imico mbonera maze ibyo bigakingurira amarembo urugomo rw'uburyo bwose. Amabwiriza Imana yashyizeho yari agamije uburinganire mu bantu. Ku rwego rukomeye, umwaka wo guharira imyenda na yubile byajyaga gufasha cyane mu gutunganya ibyangiritse hagati aho mu bukungu ku byerekeye imibereho myiza y'abaturage n'ubutegetsi bw'igihugu. {AA 368.2}

Ayo mabwiriza yari abereyeho guhesha umugisha abakire kimwe n'abakene. Yagombaga kurwanya ubugugu no kwishyira hejuru, bityo agatoza abantu umutima mwiza w'ubugiraneza; kandi ku bwo gutera umutima w'ineza n'icyizere mu matsinda yose y'abantu, ayo mabwiriza yajyaga gutuma habaho gahunda mu muryango mugari w'abantu, ubutegetsi ntibuhungabane. Twese turi magirirane mu rugaga rugari rw'ikiremwamuntu, kandi icyo dushobora gukora cyose ngo cyungure abandi ndetse kibazahure, kizatugarukaho ubwacu ari imigisha. Itegeko ryo gukenerana rigera ku nzego zose z'abantu. Ntabwo abakene bakenera abakire kurusha uko abakire

bakenera abakene. Nubwo itsinda ry’abakene risaba ku migisha Imana yahaye abaturanyi babo b’abakire, itsinda ry’abakire naryo rikenera imirimo ikoranwe ubudahemuka, imbaraga z’ubwonko n’amagufwa n’umubiri, kuko ari byo mutungo shingiro w’abakene. {AA 368.3}

Abisiraheli basezeraniwe imigisha myinshi ariko ari uko bumviye amabwiriza y’Uwiteka. Uwiteka yaravuze ati: “Nzajya mbavubira imvura mu bihe byayo, ubutaka buzajya bwera imyaka yabwo, ibiti byo mu mirima bizajya byera imbuto zabyo. Ihura ryanyu rizageza mu isarura ry’inzabibu, iryo sarura rizageza mu ibiba. Mizajya murya ibyo kurya byanyu muhage, mube mu gihugu cyanyu amahoro. Kandi nzaha igihugu kugira amahoro, muzaryama ari ntawe ubateye ubwoba, kandi nzamaraho inyamaswa z’inkazi, kandi inkota ntizanyura mu gihugu cyanyu . . . Nzagendera hagati muri mwe mbe Imana yanyu, namwe mube ubwoko bwanjye . . . Ariko nimutanyumvira ntimwitondere ayo mategeko yose, . . . ahubwo mukica isezerano ryanjye: . . . Muzabibira ubusa kuko ababisha banyu ari bo bazabirya. Kandi nzahoza igitsure cyanjye kuri mwe, muzaneshwa n’ababisha banyu, muzatwarwa n’abanzi banyu, muzahunga ari ntawe ubirukana.” Abalewi 26:4-17. {AA 368.4}

Hari abantu benshi bashega bavuga ko abantu bose bakwiriye kugira imigisha y’iki gihe gito ingana ikomoka ku Mana. Nyamara uyu ntabwo wari wo mugambi w’Umuremyi. Imibereho itandukanye ni bumwe mu buryo Imana iteganya bwo kugenzura no gukuza imico. Ariko Imana igamije ko abantu bafite ubutunzi bwo kuri iyi si biyumvamo ko ari ibisonga bishinzwe umutungo wayo, bakaba barawuragirijwe kugira ngo bawukoreshe kubw’ibyiza by’abababazwa n’abakene. {AA 369.1}

Kristo yavuze yuko tuzahora turi kumwe n’abakene, kandi afatanya ibimushimisha n’iby’ubwoko bwe bubabazwa. Umutima w’Umucunguzi wacu uhora ufitiye impuhwe abatindi nyakujya n’abo mu rwego rwo hasi cyane mu bana be bo ku isi. Atubwira ko ari abamuhagarariye ku isi. Yabashyize hagati yacu kugira ngo akangure mu mitima yacu urukundo agirira abababara n’abarenganywa. Impuhwe n’ubugwaneza bibagaragarijwe byemerwa na Kristo nk’aho ari we bigiriwe. {AA 369.2}

Mbega ukuntu isi muri iki gihe iba itandukanye n’uko imeze mu mico mbonera, mu by’umwuka, no mu bikorwa ku isi, iyaba amategeko Imana yatanze kugira ngo abakene bagirirwe neza yarakomeje gukurikizwa! Kwikanyiza no kwihugiraho ntibiba byaragaragaye nk’uko biri ubu, ahubwo buri muntu wese yari guharanira kuzirikana umunezero no kumererwa neza by’abandi; kandi ubukene bukabije bwabaye gikwira nk’uko bugaragara ahantu henshi muri iki gihe ntibwakabayeho. {AA 369.3}

Amahame Imana yatanze, yajyaga kuburizamo ibibi bikabije byagiye mu bihe byose bikomoka ku karengane abakire bagirira abakene, ndetse n’urwikekwe n’urwango abakene banga abakire. Mu gihe ayo mahame ashobora kuburizamo kurundanya

ubutunzi bwinshi ndetse no gukabya mu kwinezeza kutagira umupaka, yanakuraho ubujiji no gusigingira by'abantu ibihumbi n'ibihumbi bakora bahembwa intica ntikize kugira ngo abakire barundanye ubwo butunzi butagira ingano. Aya mahame yatanga umuti kuri ibyo bibazo bishaka kuzuza isi imivurungano no kumena amaraso. {AA 369.4}

IGICE CYA 52 - IMINSI MIKURU NGARUKAMWAKA

Abisiraheli bose bari bafite incuro eshatu mu mwaka bateraniraga hamwe kugira ngo baramirize Uwiteka ku buturo bwera. Kuva 23:14-16. I Shilo hamaze igihe kitari gito ari ho Abisiraheli bateranira; ariko nyuma yaho Yerusalemu ni ho haje guhinduka ihuriro ishyanga ryose ryazaga gusengeramo, kandi aha ni ho imiryango yabo yahuriraga mu minsi mikuru ikomeye. {AA 370.1}

Abisiraheli bari bazengurutswe n'amoko y'inkazi kandi y'abarwanyi, yahoraga yiteguye kubanyaga amasambu yabo; nyamara incuro eshatu uko umwaka utashye abantu bose bashoboraga kugenda basabwaga kuva mu ngo zabo bakajya aho bateranira, bagahurira ahajya kuba hagati mu gihugu. Mbese ni iki cyabuzaga abanzi babo kuza kwararika ingo zabo zabaga zitarinzwe bakazirimbuza inkota n'umuriro? Ni iki cyagombaga gutuma igihugu kitigarurirwa ngo bitere Abisiraeli kujyanwaho iminyago mu gihugu cy'abanzi? Imana yari yarasezeranye kuba umurinzi w'abantu bayo. "Marayika w'Uwiteka abambisha amahema yo kugota abamwubaha akabakiza." Zaburi 34:7. Igihe Abisiraheli bajyaga kuramya Imana, imbaraga yayo yagombaga gutangira abanzi babo. Isezerano ry'Imana ryari iri ngo: "Kuko nzakwirukanira amahanga, akaguhunga, nkagura ingabano zawe: kandi ntawe uzifuza igihugu cyawe, nujya ujya kuboneka imbere y'Uwiteka Imana yawe ibihe bitatu, uko umwaka utashye." Kuva 34:24. {AA 370.2}

Umunsi wa mbere muri iyo minsi mikuru, ari wo Pasika (umunsi mukuru w'imitsima idasemuwe) wabagaho muri Abibu, ukwezi kwa mbere k'umwaka w'Abayuda kukaba kwahwana n'iminsi iheruka Werurwe kugeza mu minsi itangira Mata. Igihe cy'imbeho nyinshi cyabaga gishize, imvura y'itumba na yo yabaga ihise, bityo ibyaremwe byose byabaga byishimiye mu mafu n'ubwiza by'igihe cy'urugaryi. Ibyatsi byabaga bitoshye ku misozi no mu bibaya, kandi hirya no hino uburabyo bwo mu gasozi bwabaga

burimbishije imirima. Icyo gihe ukwezi kwabaga ari inzora kugatuma imigoroba iba ishimishije. Cyabaga ari igihe cyatatswe n'umuririmbyi w'indirimbo zera wagize ati: {AA 370.3}

"Dore itumba rirashize,

Imvura imaze gucika.

Uburabyo butangiye kurabya ku isi,

Igihe cyo kujwigira kw'inyoni kirageze,

Kandi ijwi ry'intungura

Ryumvikanye mu gihugu cyacu.

Umutini weze imbuto zawo z'umwimambere,

Kandi inzabibu zirarabije,

Impumuro yazo nziza iratamye. {AA 370.4}

Indirimbo ya Salomo 2:11-13.

{AA 370}

Mu gihugu cyose amatsinda y'abagenzi yabaga yerekeje i Yerusalemu. Abashumba bavuye mu mikumbi n'amashyo byabo, abarobyi bavuye ku Nyanja y'i Galilaya, abahinzi baturutse mu mirima yabo, n'abana b'abahanuzi bavuye mu mashuri bigiragamo ibyera; abo bose berekezaga intambwe zabo ahantu Imana yabonekeraga. Bagendaga buhoro buhoro kubera ko abantu benshi bagendaga ku maguru. Abagenzi bakomezaga gusatira aho bajya kandi akenshi bakagendaga biyongera baba benshi cyane mbere yo kugera i Yerusalemu, Umurwa watoranyijwe. {AA 370.5}

Ibyishimo by'ibyaremwe byazanaga umunezero mu mitima y'Abisiraheli kandi bikabatera gushima Rugaba rw'ibyiza byose. Baririmbaga za Zaburi zikomeye cyane z'Ababeburayo, bagasingiza ikuzo n'ubutware by'Uwiteka. Iyo bumvaga impanda ivugijwe yungikanya n'amajwi y'ibyuma bicurangwa, indirimbo zo gushima zarahanikwaga, zigasakazwa n'amajwi amagana n'amagana bavuga bati: {AA 371.1}

"Narishimye, ubwo bambwiraga bati,

Tujye mu nzu y'Uwiteka.

Yerusalemu,

Ibirenge byacu bihagaze mu marembo yawe, . . .

Aho imiryango izamuka ijya, ari yo miryango y’Uwiteka, . . .

Kandi bashime izina ry’Uwiteka. . .

Nimusabire i Yerusalemu amahoro,

Abagukunda bagubwe neza.” {AA 371.2}

Zaburi 122:1-6.

{AA 371}

Ubwo bitegerezaga imisozi ibakikije aho abapagani bari baramenyereye gucana imiriro ku bicaniro byabo, abana ba Isiraheli bararirimbaga bati: {AA 371.3}

“Nduburira amaso yanjye ku misozi,

Gutabarwa kwanjye kuzava he?

Gutabarwa kwanjye kuva ku Uwiteka,

Waremye ijuru n’isi.” {AA 371.4}

Zaburi 121:1,2.

{AA 371}

“Abiringiye Uwiteka

Bameze nk’umusozi Siyoni,

Utabasha kunyeganyezwa, ahubwo uhora uhamye iteka.

Nk’uko imisozi igose i Yerusalemu,

Ni ko Uwiteka agota abantu be,

Uhereye none ukageza iteka ryose.” {AA 371.5}

Zaburi 125:1,2.

{AA 371}

Ubwo babaga bageze hejuru y’imisozi aho barebaga neza Umurwa Wera, bitegerezanyaga ubwoba buvanze no kubaha bakareba imirongo y’abajya kuramya Imana berekeje ku Ngoro yayo. Babonaga umwotsi w’imibavu uzamuka, bityo ubwo

bumvaga impanda zavuzwaga n’Abalewi zategurizaga abantu ko umurimo wera ugiye gutangira, uwo mwanya bazirikanaga gahunda y’iyo saha maze bakaririmba bati: {AA 371.6}

“Uwiteka arakomeye, akwiriye gushimirwa cyane,

Mu rurembo rw’Imana yacu, ku musozi wayo wera.

Umusozi wa Siyoni, uri ikasikazi,

Uburebure bwawo ni wo byishimo by’isi yose,

Ni wo rurernbo rw’Umwami ukomeye. {AA 371.7}

Zaburi 48:1,2 {AA 371}

“Amahoro abe imbere y’inkike zawe’

Kugubwa neza kube mu nyumba zawe.”

“Munyugururire amarembo yo gukiranuka,

Ndinjiramo, nshima Uwiteka.”

“Nzahigura Uwiteka umuhigo wanjye,

Ni ko nzawuhigurira mu maso y’ubwoko bwe bwose,

Mu bikari by’inzu y’Uwiteka,

Hagati muri wowe Yerusalemu.

Haleluya.” {AA 372.1}

Zaburi 122:7; 118:19; 116:18,19.

{AA 372}

Amazu yose y’i Yerusalemu yabaga akinguriwe abo bantu baje gusenga, kandi ibyumba byabaga biteguriwe ubuntu; ariko ibyo ntibyari bihagije imbaga y’abantu yabaga yaje, kandi amahema yabaga abambye ahantu hose hari umwanya mu murwa no ku misozi yari ihakikije. {AA 372.2}

Ku munsi wa cumi na kane w’ukwezi, nimugoroba, bizihizaga Pasika, kandi imihango yayo ihimbaje yabibutsaga uko bakijijwe uburetwa bagakurwa mu Misiri ndetse ikanatunga agatoki igitambo cyagombaga kuzababatura mu bubata bw’icyaha. Igihe Umukiza yatangaga ubugingo bwe i Kaluvari, icyo Pasika yasobanuraga nticyongeye

kubaho, bityo hashyirwaho Ifunguro ry’Umwami riba urwibutso rw’icyo Pasika yagereranyaga. {AA 372.3}

Pasika yakurikirwaga n’iminsi mikuru irindwi y’imitsima idasembuwe. Umunsi wa mbere n’uwa karindwi yabaga ari iminsi yo guterana kwera, kandi kuri iyo minsi nta mirimo y’ubugaragu yagombaga gukorwa. Ku munsi wa kabiri w’iminsi mikuru, umuganura w’ibyasaruwe uwo mwaka wajyanwaga imbere y’Imana. Ingano cyari ikinyampeke cyabayeho kera muri Palesitina, kandi mu itangira ry’iyo minsi mikuru zabaga zitangiye kwera. Umutambyi yazungurizaga amahundo yazo imbere y’igicaniro cy’Imana, bikaba uburyo bwo kuzirikana ko ibintu byose ari ibyayo. Nta gusarura kwabagaho uwo muhango utarakorwa. {AA 372.4}

Nyuma y’iminsi mirongo itanu umuganura umaze gutangwa, habagaho Pantekote, yitwaga nanone umunsi mukuru w’isarura. Nk’uburyo kugaragaza gushimira kubw’umusaruro w’impeke bateguriwe ngo ubatunge, imitsima ibiri yokeje irimo umusemburo yaturwaga Imana. Pantekote yamaraga umunsi umwe gusa wakorwagamo gahunda zijyanye no kuramya Imana. {AA 372.5}

Mu kwezi kwa karindwi habagabo umunsi mukuru w’ingando cyangwa umunsi wo guterana. Uwo munsi mukuru wagaragazaga ubuntu bw’Imana mu mwero w’ibiti by’amatunda, iby’imyelayo, n’iby’imizabibu. Ni wo wari umunsi mukuru uheruka iyindi mu mwaka. Ubutaka bwabaga bwaramaze gitanga umusaruro, umusaruro w’impeke waramaze guhunikwa, imbuto, amavuta na divayi byaramaze kubikwa, umuganura waramaze gushyirwa iruhande, noneho abantu bakaza bazanye amaturo yabo yo gushima Imana yabaga yarabahaye imigisha myinshi ityo. {AA 372.6}

Uwo munsi mukuru wabaga mbere ya byose ari igihe cyo kwishima. Wabagaho nyuma y’umunsi mukuru w’Impongano, bamaze kwizezwa yuko ibicumuro byabo bitazongera kwibukwa ukundi. Ubwo babaga bafitanye amahoro n’Imana, noneho bazaga imbere yayo baje kuyishimira kugira neza kwayo ndetse no kuyisingiza kubw’imbabazi zayo. Imirimo yo gusarura yabaga irangiye n’imihati y’umwaka mushya itaratangira, nta bintu byabaga bihangayikishije abantu, bityo bashoboraga kwirundurira muri gahunda zera zabaga zateganyijwe muri cyo gihe. Nubwo abagabo n’abahungu ari bo gusa bari bategetswe kuza muri iyo minsi mikuru, uko byashobokaga kose, abari mu rugo bose bagombaga kujya muri iyo minsi mikuru, kandi kubw’umuco wabo wo kwakira abantu, abagaragu, Abalewi, abanyamahanga ndetse n’abakene barakirwaga. {AA 372.7}

Nk’uko Pasika yari imeze, umunsi mukuru w’Ingando wari urwibutso. Mu rwego rwo kwibuka imibereho yabo yo kuzerera mu butayu, icyo gihe abantu bavaga mu ngo zabo bakajya kuba mu tururi cyangwa mu biraro bigondagonzwe mu mashami y’“ibiti byiza, n’amashami y’imikindo, n’amashami y’ibiti bisagambye binini, n’ingemwe z’imikinga yo ku migezi.” Abalewi 23:40, 42, 43. {AA 373.1}

Umunsi wa mbere wari uwo guterana kwera, kandi ku minsi irindwi y'iminsi mikuru hiyongeragaho umunsi wa munani, nawo wizihizwaga nk'uwa mbere. {AA 373.2}

Muri ayo materaniro ngarukamwaka imitima y'abakuru n'iy'urubyiruko yashishikarizwaga gukorera Imana, kandi guhura kw'abantu baturutse mu mpande zitari zimwe z'igihugu kwakomezaga isano yabo n'Imana ndetse n'umuntu n'undi. Iyaba abantu b'Imana muri iki gihe bagiraga iminsi mikuru y'Ingando, yababera urwibutso rushimishije rubibutsa imigisha Imana yabahaye. Nk'uko Abisiraheli bizihizaga uko Imana yari yaracunguye ababyeyi babo ndetse n'uburinzi bwayo butangaje yari yarabarindishije mu ngendo zabo bava mu Misiri, ni ko natwe dukwiriye kwibuka uburyo bunyuranye Imana yateganyije kugira ngo idukure mu b'isi, no mu mwijima w'ibinyoma ikadushyira mu mucyo w'agaciro kenshi w'ubuntu bwayo n'ukuri kwayo. {AA 373.3}

Abantu babaga batuye kure y'ihema ryera, uko umwaka utashye bamaraga ukwezi kurenga muri iyo minsi mikuru ngarukamwaka. Urwo rugero rwo kwiyegurira Imana rukwiniye gushimangira akamaro ko kuramya Imana, ndetse n'uburyo ari ngombwa guhara inyungu zacu bwite z'iby'isi tukazisimbuza inyungu z'ibya Mwuka kandi bidashira. Turahomba iyo twirengagije amahirwe yo guhuriza hamwe kugira ngo dukomezanye kandi duterane ubutwari mu murimo w'Imana. Ukuri kw'ijambo ryayo guta imbaraga zako n'agaciro karyo mu ntekerezo zacu. Imitima yacu ntiba ikimurikirwa kandi ngo ikangurwe n'imbaraga yeza, bityo tukasubira inyuma mu bya Mwuka. Mu mibanire yacu nk'Abakristo, dutakaza byinshi cyane iyo tutazirikanana. Umuntu uba nyamwigendaho ntabwo aba ari mu mwanya Imana yateganyije ko abamo. Twese turi abana b'Umubyeyi umwe, kandi turi magirirane kugira ngo tubone umunezero. Ibyo Imana idusaba n'ibyo ikiremwamuntu gisaba biratureba. Kumenyereza kamere yacu kubana neza n'abandi ni byo bituma tugirira abavandimwe bacu impuhwe kandi tukagira umunezero mu muhati tugira wo guhesha abandi umugisha. {AA 373.4}

Iminsi mikuru y'ingando ntiyari iyo kwibuka gusa, ahubwo wari ufite n'icyo werekezaho. Ntabwo wibutsaga gusa uko Abisiraheli babaye mu butayu, ahubwo nk'umunsi mukuru w'isarura, wari uwo kwizihiza ry'imyaka yeze mu butaka, ndetse ukanatunga agatoki umunsi ukomeye w'isarura riheruka, ubwo Nyiribisarurwa azohereza abasaruzi be bakarundanya urukungu ngo rutwikwe, naho ingano zigateranyirizwa mu kigega cye. Icyo gihe ni bwo abanyabyaha bazarimburwa. Bazaba "nk'abatigeze kubaho." (Obadiya 16). Kandi amajwi yose mu isi no mu ijuru azafatanyiriza hamwe kuririmba indirimbo ishimishije asingiza Imana. Umuhishuzi Yohana aravuga ati: "Nuko numva ibyaremwe byose byo mu ijuru no mu isi, n'ikuzimu no mu nyanja n'ibibirimo byose bivuga biti: 'Ishimwe no guhimbazwa n'icyubahiro n'ubutware bibe iby'Iyicaye ku ntebe n'iby'Umwana w'Intama iteka ryose.'" Ibyahishuwe 5:13. {AA 373.5}

Mu gihe cy’iminsi mikuru y’ingando, igihe Abisiraheli bibukaga impuhwe Imana ybagiriye ikabarokora uburetwa bwo mu gihugu cya Misiri ndetse n’uko yabitayeho mu rugendo bakoreye mu butayu , basingizaga Imana. Bashimishwaga na none no kuzirikana imbabazi no kwemerwa baboneraga mu byakorwaga ku munsi w’impongano wabaga urangiye. Ariko igihe abacunguwe n’Uwiteka bazaba bateranyirijwe muri Kanani yo mu ijuru batekanye, babatuwe mu buretwa bw’umuvumo, ubwo “ibyaremwe byose binihira hamwe bikaramukirwa hamwe ubu” (Abaroma 8:22), bazishima ibyishimo bitavugwa kandi buzure ikuze. Icyo gihe umurimo ukomeye Kristo akora wo guhongerera abantu uzaba warangiye, kandi ibyaha byabo bizaba byarakuweho burundu. {AA 374.1}

“Ubutayu n’umutarye bizanezerwa,

Ikidaturwa kizishima kirabye uburabyo nka habaseleti.

Buzarabya uburabyo bwinshi, buzishimana umunezero n’indirimbo,

Buzahabwa ubwiza bw’i Lebanoni n’igikundiro cy’i Karumeli n’i Sharoni.

Bazareba ubwiza bw’Uwiteka n’igikundiro cy’Imana yacu.

Icyo gihe impumyi zizahumurwa,

N’ibipfamatwi bizaziburwa.

Icyo gihe ikirema kizasimbuka nk’impara,

Ururimi rw’ikiragi ruzaririmba kuko amazi azadudubiza mu butayu,

Imigezi igatembera mu kidaturwa.

Kandi umusenyi wotsa utera ibishashi uzahinduka ikidendezi,

N’umutarwe uzahinduka amasoko.

Mu ikutiro ry’ingunzu, aho zaryamaga,

Hazaba ubwatsi n’uruberanya n’urufunzo.

Kandi hazabaho inzira nyabagendwa,

Iyo nzira izitwa inzira yo kwera.

Abanduye imitima ntibazayicamo,

Ahubwo izaba iya ba bandi.

Abagenzi naho baba ari abaswa ntibazayiyoba.

Nta ntare izahaba, inyamaswa yose y'inkazi ntizayigeramo, ntibizayibonekamo,

Ahubwo abacunguwe ni bo bazayinyuramo.

Abacunguwe n'Uwiteka bazagaruka,

Bagere i Siyoni baririmba

Ibyishimo bihoraho bizaba kuri bo,

Bazabona umunezero n'ibyishimo,

Kandi umubabaro no gusuhuza umutima bizahunga. {AA 374.2}

Yesaya 35:1,2, 5-10 {AA 374

IGICE CYA 53 - ABACAMANZA BA MBERE

Nyuma yo gutura muri Kanani, imiryango y'Abisiraheli ntiyongeye kurwanana umwete ngo irangize kwigarurira igihugu cyose. Banyuzwe n'aho bari bamaze kwigarurira, maze bidatinze ishyaka n'ubutwari byabo biracogora bityo ntibongera kurwana. "Abisiraheli bamaze gukomera bakoresha Abanyakanani amakoro, ntibabirukana rwose." Abacamanza 1:28. {AA 375.1}

Uwiteka ku ruhande rwe, yari yarasohoje amasezerano yasezeranyije Abisiraheli; Yosuwa yari yarashegeshe imbaraga z'abanyakanani, kandi yari yaragabanyije imiryango y'Abisiraheli icyo gihugu. Biringiye isezerano Imana yari yarabahaye ryo kubafasha, icyari gisigaye kuri bo gusa cyari ukurangiza umurimo wo kwirukana bene icyo gihugu bakanyaga ibyo batunze byose. Ariko ibyo ntibabikoze. Bishe itegeko ry'Imana ubwo bagiranaga amasezerano n'Abanyakanani, bityo ntibuzuza ibyangombwa Imana yari yarabasabye kuzuza ubwo yabasezeranyaga kubatuza muri Kanani ikaba iyabo. {AA 375.2}

Guhera igihe Imana yavuganaga nabo ku musozi wa Sinayi, bari baraburiwe ko bagomba kwirinda gusenga ibigirwamana. Bakimara kubwirwa amategeko, Mose yahawe ubutumwa agomba kubashyikiriza bwerekeye Abanyakanini. Bwaravugaga buti: "Ntuzikubite imbere y'imana zabo, ntuzazikorere, kandi ntuzagenze nka bo, abubwo uzabarimbure rwose, utembagaze inkingi z'amabuye bubatse. Kandi muzakorere Uwiteka Imana yanyu, nayo izaha umugisha umutsima wawe n'amazi yawe, kandi nzakura indwara hagati muri mwe." (Kuva 23:24, 25). Bari barahawe icyizere ko igihe cyose bazakomeza kumvira, Imana yagombaga kunesherezaga

abanzi babo imbere yabo: “Nzohereza igitinyiro cyanjye kikujye imbere, nirukane abantu uzageramo bose, ntume ababisha bawe bose baguha ibitugu. Nzohereza amavubi akujye imbere, yirukane Abahivi n’Abanyakanani n’Abaheti imbere yawe. Sinzabirukana imbere yawe mu mwaka umwe kugira ngo igihugu kidahinduka umwirare, inyamaswa zo mu ishyamba zikagwira zikagutera. Ahubwo nzabirukana imbere yawe ni ruto ni ruto, ngeze aho uzagwirira ukazungura icyo gihungu . . . kuko nzabagaiza abatuye muri icyo gihugu mukabanesha, mukabirukana imbere yanyu. Ntuzagire isezerano usezerana na bo cyangwa n’imana zabo. Ntibazagumye kuba mu gihugu cyawe, kugira ngo batakunshumuzaho, kuko wakorera imana zabo, ntibyabura kukubera umutego.” Kuva 23:27-33. Aya mabwiriza yongeye gushimangirwa cyane na Mose mbere y’urupfu rwe, kandi Yosuwa nawe yayasubiyemo. {AA 375.3}

Imana yari yarashyize ubwoko bwayo muri Kanani ngo bube ingabo ikingira ibibi kugira ngo bidakwira isi. Igihe bayiberaga indahemuka, Imana yari igambiriye ko Abisiraheli bakomeza kugenda batsinda bigarurira amahanga atandukanye. Imana yagombaga kubagabiza amahanga arusha Abanyakanani amaboko no gukomera. Isezerano ry’Imana ryari iri ngo: « Nimugira umwete wo kwitondera ayo mategeko mbategeka yose mukayumvira ngo mukunde Uwiteka Imana yanyu, ….Uwiteka azirukana ya mahanga yose imbere yanyu, muhindure amahanga abarusha gukomera n’amaboko. Ahantu hose muzakandagira hazaba ahanyu, urugabano rwanyu ruzahera ku butayu rugeze kuri Lebanoni, kandi ruzahera ku ruzi Ufurate rugeze ku Nyanja y’iburengerazuba. Ntihazagira umuntu ubasha kubahagarara imbere, Uwiteka Imana yanyu izateza ubwoba igihugu muzakandagiramo cyose, ngo babatinye uko yababwiye. » Gutegeka kwa Kabiri 11:22 -25.

{AA 375.4}

Nyamara birengagije iryo sumbwe bari bafite, maze bahitamo kudamarara no kwinezeza. Batumye amahirwe bari bafite yo kurangiza kwigarurira icyo gihugu abacika, bityo hashira imyaka myinshi bagirirwa nabi n’abasigaye bakomoka kuri ayo moko yasengaga ibigirwamana, nk’uko umuhanuzi yari yarabivuze ko bazababera “ibibahanda” amaso, n’“amahwa” mu mbavu zabo. Kubara 33:55. {AA 376.1}

Abisiraheli “bivanze n’amahanga, kandi biga n’ingeso zayo.” (Zaburi 106:35). Bashyingiranye n’Abanyakanani, maze gusenga ibigirwamana gukwira mu gihugu nk’icyorezo. “Basenze ibigirwamana by’abo banyamahanga, bibera Abisiraheli umutego. Abahungu n’abakobwa babo babatambyeho ibitambo, babatura ingabo za Satani: . . . igihugu bagihumanyishije kumena amaraso. . . Uburakari bw’Uhoraho bwagurumaniye abantu b’ubwoko bwe, uwo mwihariko we arawuzinukwa. ” Zaburi 106:35- 40. {AA 376.2}

Mu gihe abantu bose bari barahawe amategeko na Yosuwa bari bakiriho, ntihabayeho

gusenga ibigirwamana cyane; ariko ababyeyi bari baraharuriye abana babo inzira ibajyana mu buhakanyi no gusubira inyuma mu by'umwuka. Gusuzugura amabwiriza yatanzwe n'Uwiteka bikozwe n'abantu bigaruriye Kanani byabibye imbuto z'ikibi zakomeje kwera imbuto mu bisekuru byinshi. Imibereho icirirtse y'Abaheburayo yari yaratumye bagira amagara mazima; ariko kwifatanya n'abapagani byatumye batwarwa n'ipfa n'irari byagiye buhoro buhoro bibaca intege kandi bigwabiza imbaraga z'ubwenge n'imico mbonera. Ku bw'ibyaha byabo, Abisiraheli batandukanyijwe n'Imana, ubushobozi bwayo bwabakuweho, bityo ntibashoboraga kongera kunesha abanzi babo. Bityo, bageze aho bategekwa n'amahanga bajyaga kuba baratsinze babishobojwe n'Imana. {AA 376.3}

"Bimura Uwiteka Imana ya ba sekuruza yabakuye mu gihugu cya Egiputa,..." ". . .ibayoborera mu butayu nk'umukumbi." "Bayirakarishije gusengera ahantu habo ho ku rnpinga z'imisozi, bayiteje ishyari ibishushanyo byabo bibajwe." Byatumye Imana "ireka ubuturo bw'i Shilo, ari bwo hema yabambye hagati y'abantu; itanga imbaraga zayo ngo zijyanweho iminyago, n'icyubahiro cyayo ngo gifatwe n'amaboko y'ababisha." Abacamanza 2:12; Zaburi 78:52, 58,60,61. Nyamara Imana ntiyaretse abantu bayo rwose. Iteka hagiye haboneka abasigaye babaye indahemuka ku Uwiteka; kandi uko ibihe byahaga ibindi Uwiteka yahamagaraga abagabo b'inyangamugayo kandi b'intwari kugira ngo bakureho gusenga ibigirwamana kandi bakize Abisiraheli abanzi babo. Ariko iyo uwabakijije yapfaga, atacyongeye kubayobora, barongeraga bakagarukira ibigirwamana byabo buhoro buhoro. Uko ni ko amateka yo gusubira inyuma no guhanwa ibihano bikomeye, kwihana no gukizwa, yahoraga yisubiramo. {AA 376.4}

Umwami w'i Mezopotamiya, umwami w'i Mowabu, n'inyuma yabo hakaba Abafilisitiya, n'Abanyakanani b'i Hasori bayobowe na Sisera, baje gutwaza Abisiraheli igitugu. Otiniyeli, Shamugari, Ehudi, Debora, na Baraki baje guhagurutswa kugira ngo bacungure ubwoko bwabo. Ariko kandi "Abisiraheli bakorera ibibi mu maso y'Uwiteka; maze Uwiteka abahana mu maboko y'Abamidiyani." Kugeza icyo gihe imbaraga z'abanzi babo zari zaragiye zitsindwa ariko buhoro buhoro ku miryango yari ituye mu burasirazuba bwa Yorodani, ariko mu ngorane z'icyo gihe nibo babaye aba mbere kuhagirira ibyago. {AA 377.1}

Abamaleki bo mu majyepfo ya Kanani, kimwe n'Abamidiyani bo ku rubibi rw'iburasirazuba ndetse no hakurya mu butayu, abo bose bari abanzi badacogora b'Abisiraheli. Abamidiyani bendaga gutsembwa n'Abisiraheli mu gihe cya Mose, ariko uhereye ubwo bari baragwiriye cyane kandi baragize imbaraga. Bari bafite inyota yo kwihorera, kandi noneho ubwo uburinzi bw'Imana bwari bwakuwe ku Bisirayeli, igihe cyari kigeze ngo bihorere. Ntabwo imiryango yari ituye iburasirazuba bwa Yorodani ari yo yagezweho n'ibyago bateje, ahubwo byageze ku ishyanga ryose. Abo baturage bo

mu butayu b’abagome, bateye igihugu cyose barakiyogoza nk’inzige. Baraje banyaga imikumbi n’amashyo byo mu gihugu. Bakwiriye hose mu gihugu nka mugiga yica, basakara mu gihugu hose uhereye ku ruzi rwa Yorodani ukagera ku kibaya cy’i Bufilisitiya. Baje imyaka igitangira kwera, barahaguma kugeza ubwo ibya nyuma byasaruwe. Batsembye ibyari byeze mu mirima byose, bariba kandi bagirira nabi abaturage barangije bisubirira mu butayu. Uko ni ko Abisiraheli babaga mu gihugu gishashe bagombye guhunga ingo zabo, bateranira mu mijyi ikikijwe n’ibihome kugira ngo babone aho bikinga, cyangwa bashaka aho bihisha mu buvumo n’ibihanamanga byo mu misozi. Uko gukandamizwa kwamaze imyaka irindwi, noneho ubwo abantu mu kababaro kabo bumviraga gucyaha kuvuye ku Uwiteka kandi bakihana ibyaha byabo, Imana yongeye kubahagurukiriza umufasha. {AA 377.2}

Gideyoni yari mwene Yowasi, wo mu muryango wa Manase. Uyu muryango yakomokagamo niwari ufite umwanya w’ubuyobozi, ariko ab’inzu ya Yowasi bari bazwiho kuba intwari n’inyangamugayo. Abana ba Yowasi bari intwari bavuzweho ibi ngo: “Buri wese yasaga n’abana b’umwami.” Bose bari baraguye mu ntambara Abisiraheli barwanaga n’Abamidiyani ariko hari hasigaye umwe, kandi yari yarateye abanzi babo kumutinya. Gideyoni yahamagawe n’Imana kugira ngo acungure bene wabo. Yahamagawe ubwo yahuraga ingano. Hari ingano zari zarahishwe, kandi kubera gutinya kuzihurira aho bari basanzwe bazihurira, yari yigiriye inama yo kujya hafi y’aho bengeraga vino; kuko umwero w’imizabibu wari ukiri kure cyane, nta witaga ku nzabibu. Ubwo Gideyoni yakoraga yihishe, yakomeje gutekerezanya agahinda ku mibereho y’Abisiraheli n’uburyo ingoyi y’agahato bariho izacibwa igakurwa ku bwoko bwe. {AA 377.3}

Ako kanya “marayika w’Uwiteka” araza amubwira aya magambo ati: {AA 377.4}

“Uwiteka ari kumwe na we wa munyambaraga we, ugira n’ubutwari.” {AA 377.5}

Yarasubije ati: “Mutware, niba Uwiteka ari kumwe natwe, ni iki gituma ibyo byose bitubaho? N’imirimo ye yose itangaza iri he, iyo basogokuruza batubwiye ngo: ‘Uwiteka ni we wadukuye muri Egiputa?’ Ariko noneho Uwiteka yaradutaye, yatugabije Abamidiyani.” {AA 377.6}

Intumwa iturutse mu ijuru yaramusubije iti: “Genda uko izo mbaraga zawe zingana, ukize Abisiraheli amaboko y’Abamidiyani. Si jye ugutumye?” {AA 378.1}

Gideyoni yasabye ikimenyetso gihamya ko uwavuganaga nawe ari Marayika w’Isezerano, wa wundi wafashaga Abisiraheli mu gihe cya kera. Abamarayika b’Imana bavuganye na Aburahamu, bari baratindanye nawe kugira ngo basabane; noneho rero Gideyoni nawe yinginga iyo Ntumwa iturutse mu ijuru ngo igumane nawe. Yihutira kujya ku ihema rye, abaga umwana w’ihene, akora n’udutsima tudasembuwe,

arabimuzanira aramuhereza. Ariko marayika aramusaba ati : “Enda iyi nyama n’utwo dutsima, ubishyire hejuru y’iki gitare, usukeho n’umufa wazo.” Gideyoni yabigenje atyo maze ikimenyetso yasabye aragihabwa. Uwo mumarayika yakojeje inkoni yari afite mu ntoke ku nyama no kuri utwo dutsima tudasembuwe, maze umuriro uva mu rutare ukongora icyo gitambo. Hanyuma marayika yaragiye ntiyongera kumubona. {AA 378.2}

Se wa Gideyoni, witwaga Yowasi, wari warifatanyije na bene wabo kwimura Imana, yari yarubakiye Bali igicaniro kinini aho yari atuye hitwaga Ofura. Kuri icyo gicaniro ni ho abantu bo muri uwo mujyi bazaga gusengera. Gidiyoni yategetswe gusenya icyo gicaniro no kubakira Uwiteka gicaniro ku rutare cya gitambo cyari cyakongokeyeho, kandi akaba ari ho atambira Uwiteka igitambo. Gutambira Uwiteka ibitambo byari byarashinzwe abatambyi kandi byagombaga gutambirwa ku gicaniro cy’i Shilo gusa; ariko Imana yari yashyizeho umuhango wo gutamba ibitambo yari ifite ubushobozi bwo guhindura ibyo uwo muhango wasabaga. Gutabarwa kw’Abisiraheli kwagombaga kubanzirizwa no kurwanya gahunda yo gusenga Bali. Gideyoni yagombaga gushoza urugamba rwo kurwanya icyaha cyo gusenga ibigirwamana mbere y’uko ajya kurwanya abanzi b’ubwoko bwe. {AA 378.3}

Amabwiriza yatanzwe n’Imana yakurikijwe nk’uko bikwiriye. Kubera kumenya ko yari kurwanywa iyo aza kubikora ku mugaragaro, Gideyoni yakoze uwo murimo rwihishwa, abifashwamo n’abagaragu be bawurangiza wose mu ijoro rimwe. Abantu bari batuye muri Ofura bagize uburakari bwinshi cyane mu gitondo cyakurikiyeho ubwo bari baje kuramya Bali. Abo bantu baba barahitanye Gedeyoni iyo Yowasi wari wabwiwe iby’uko marayika yari yageze aho, ataburanira umuhungu we. Yowasi yaravuze ati: “Murashaka kuburanira Bali, cyangwa murashaka kumukiza? Ati: Ushaka kumuburanira bamwice hakiri kare. Niba ari imana niyiburanire kuko basandaje igicaniro cyayo.” Niba Bali itashoboye kurengera igicaniro cyayo, yakwiringirwa ite ko yarinda abayisenga?

{AA 378.4}

Ibitekerezo byose byo kugirira Gideyoni nabi byahise biyoyoka, maze ubwo yavuzaga ihembe ryo kujya ku rugamba, abagabo bo mu mudugudu wa Ofura babaye mu ba mbere bateraniye aho yari ari. Impuruza zoherejwe mu muryango we wa Manase, no muri bene Asheri, aba Zabuloni, n’aba Nafutali, maze bose bitaba iyo mpuruza. {AA 378.5}

Ntabwo Gideyoni yahangaye kuyobora ingabo ngo zijye ku rugamba adafite ikindi gihamya cy’uko Imana ari yo yamuhamagariye gukora uwo murimo, kandi ko izabana nawe. Yarasenze ati: “Niba uzakirisha Abisiraheli ukuboko kwanjye nk’uko wavuze, dore ngiye kurambika ubwoya bw’intama ku mbuga. NInsanga ikime gitonze ku bwoya gusa ahandi hose habukikije humye, nzamenyeraho yuko ushaka gukirisha Abisiraheli

ukuboko kwanjye nk’uko wavuze.” Bukeye bw’aho ubwoya bwari bwanese, naho ubutaka bwumye. Ariko yongera gushidikanya, bitewe n’uko nk’uko bisanzwe ubwoya butondwaho n’ikime iyo kiri mu kirere. Ku bw’ibyo,icyo gihamya nticyari simusiga. Noneho yasabye ko noneho ubwoya busigara bwumye ubutaka akaba ari bwo buneta, asaba yinginga ko gusaba kwe kutababaza Uwiteka. Ibyo yasabye yarabikorewe. {AA 378.6}

Gideyoni atewe ubutwari atyo, ayobora ingabo ze zijya kurwanya ababateye. “Abamidiyani bose n’Abamaleki n’ab’iburasirazuba bateranira hamwe, barambuka bagandika mu kibaya cy’i Yezereli.” Ingabo zose zari ziyobowe na Gideyoni zari abagabo ibihumbi mirongo itatu na bibiri gusa; ariko ubwo ingabo nyinshi cyane z’abanzi zari zimuri imbere Uwiteka yaramubwiye ati: “Abantu muri kumwe bakabije kuba benshi, ni cyo gituma ntemera gutanga Abamidiyani mu maboko yanyu kugira ngo Abisiraheli batanyirariraho bati: ‘Amaboko yacu ni yo yadukijije’. None genda ujye imbere y’ingabo urangurure uti: “Utinya wese muri mwe, agahinda umushitsi, nave ku musozi Galeyadi, atahe.” Abatarashakaga guhangana n’akaga n’umuruho bose, cyangwa abo inyungu z’iby’isi zari gutera imitima yabo kuva ku murimo w’Uwiteka, bene abo nta mbaraga bajyaga kongerera ingabo z’Abisiraheli. Kuba muri iyo ntambara kwabo kwari guteza intege nke gusa.

{AA 379.1}

Byari itegeko mu Bisiraheli ko mbere yo kujya ku rugamba, ingabo zose zagombaga kubanza kubwirwa aya magambo ngo: “Ni nde uri hano wubatse inzu akaba atarayeza? Nagende asubire muri iyo nzu ye gupfira mu ntambara, undi ngo ayeze. Kandi ni nde uri hano wateye uruzabibu akaba atararya imbuto zarwo? Nagende asubire imuhira ye gupfira mu ntambara, undi ngo arye izo mbuto zarwo. Kandi ni nde uri hano wasabye umukobwa akaba ataramurongora? Nagende asubire imugira ye gupfira mu ntambara, undi ngo amurongore.” Kandi abatware bagombaga kongera kubaza abantu bati: “Ni nde uri hano utinya agacogora umutima? Nagende asubire imihira, imitima ya bene wabo ye gukuka nk’uwe.” Gutegeka kwa kabiri 20:5-8. {AA 379.2}

Bitewe n’uko umubare w’ingabo ze wari muto ugereranyije n’uw’abanzi, Gideyoni yari yanze gutanga iryo tangazo ryari risanzwe ritangwa. Yatangazwa cyane no kumva ko ingabo ze zikabije kuba nyinshi. Ariko Uwiteka yabonye kwirata no kutizera byari mu mitima y’ubwoko bwe. Ubwo bahamagarwaga na Gideyoni, bitabye n’ingoga; ariko abenshi batashywe n’ubwoba ubwo babonaga ubwinshi bw’Abamidiyani. Nyamara iyo Abisiraheli banesha, abo banyabwoba bajyaga kwiha ikuzo aho kubona yuko kunesha bagukesha Imana.

{AA 379.3}

Gideyoni yumviye amabwiriza Imana yamuhaye, maze n’umutima uremerewe abona abantu ibihumbi makumyabiri na bibiri cyangwa basaga bibiri bya gatatu by’ingabo ze zose, bitahiye bagiye mu ngo zabo. Ijambo ry’Uwiteka ryongeye kumuzaho riti: “Abantu baracyakabije kuba benshi. Manukana na bo mujye ku mugezi, mbakugeragerezeyo. Nuko uwo ndibukubwire ko ari we mujyana, abe ari we mujyana, kandi uwo ndi bukubwire nti: ‘Ntimujyane’; ntagende.” Izo ngabo zerekejwe ku mazi, ziteze guhita zambuka zigasakirana n’umwanzi. Abantu bake cyane ni bo badahishaga amazi ikiganza maze bakayanywa bagenda; ariko abandi hafi ya bose barapfukamaga, bakagotomera mu mazi atemba. Abadashye amazi bageraga kuri magana atatu gusa muri ibyo bihumbi byose; nyamara abo ni bo batoranyijwe maze abasigaye bose bemererwa kwisubirira mu ngo zabo. {AA 379.4}

Imico igeragezwa hashingiwe ku tuntu tworoheje. Abantu bashakaga kwimara ubukene mu gihe cy’akaga ntibari bakwiriye kwizerwa mu bihe byihutirwa. Uwiteka nta mwanya afitiye abanyabute n’abashaka ibibanezeza mu murimo we. Abo yihitiyemo bari abantu bake cyane batari kwemerera ibyo bifuza kubakereza mu gusohoza inshingano yabo. Abo bagabo magana atatu batoranyijwe ntibari bafite ubutwari no kwitegeka, ahubwo bari n’abagabo bafite kwizera. Ntibari bariyandurishije gusenga ibigirwamana. Imana yarabayoboraga, kandi yari kubakoresha igacungura Abisiraheli. Ntabwo intsinzi inshingira ku bwinshi bw’abantu. Imana ishobora kurokora abantu ikoresheje bake kimwe n’uko yakoresha benshi. Ntiheshwa icyubahiro n’ubwinshi bw’abantu nk’ uko igiheshwa n’imico y’abayikorera. {AA 380.1}

Abisiraheli bari baganditse ku musozi wari witegeye ikibaya cyari kiganditsemo ingabo z’ababateye. “Abamidiyani n’Abamaleki n’ab’iburasirazuba, bari bararaye mu kibaya basa n’irumbo ry’inzige, n’ingamiya zabo zitabarika, bingana n’umusenyi wo mu kibaya cy’inyanja.” (Abacamanza 7:12). Ubwo Gideyoni yatekerezaga iby’urugamba rwagombaga kubaho ku munsi ukurikiyeho, yahinze umushitsi. Ariko Uwiteka avuganura nawe mu nzozi nijoro maze ategeka Gideyoni na Pura wari umufasha kumanuka bakajya mu rugerero rw’Abamidiyani. Muri urwo rugerero yari kuhumvira ikintu cyagombaga kumutera ubutwari. Yaragiye, maze ubwo yari ategereje mu mwijima nta gikoma, yumva umusirikare arotorera mugenzi we inzozi yarose agira ati: “Umva ye, narose inzozi mbona irobe rya sayiri ritembagara mu rugerero rw’Abamidiyani, ryikubita ku ihema, iryo hema riherako rigwa rigaramye.” Mugenzi we yamusubije mu magambo yateye ubutwari mu mutima wa Gideyoni wumvirizaga yihishe. Yaramusubije ati: “Nta kindi, iyo ni inkota ya Gideyoni mwene Yowasi umugabo wo mu Bisirayeli. Imana yamugabije Abamidiyani n’ingabo zabo zose.” Gideyoni yamenye ko ari ijwi ry’Imana rivugira muri abo banyamahanga b’Abamidiyani. Asubiye ku bantu bake yari ayoboye, yarababwiye ati: “Nimuhaguruke, kuko ingabo z’Abamidiyani Uwiteka yazitugabije.” {AA 380.2}

Imana yamuhaye amabwiriza y’uburyo bagomba gutera, maze ahita ayashyira mu bikorwa. Abo bagabo magana atatu bagabanyijwemo imitwe itatu. Umuntu wese yahawe ikondera n’urumuri ruhishwe mu kibindi. Abantu bashyizwe mu myanya mu buryo bajyaga gusakiza urugerero rw’Abamidiyani baturutse impande zitandukanye. Mu gicuku, bumva ijwi ry’ihembe ry’intambara ryavuzwaga na Gideyoni, maze ba bantu uko ari magana atatu bavuza amakondera yabo; hanyuma bamena ibibindi byabo, maze bazunguza imuri zabo zagurumanaga, biruka basatira abanzi baririmba intero yabo y’intambara bati: “Inkota y’Uwiteka na Gideyoni!” {AA 380.3}

Izo ngabo zari ziryamye zisinziriye zahise zikanguka. Impande zose haboneka umucyo w’imuri zaka. Mu cyerekezo hose humvikana ijwi ry’amakondera n’urusaku rw’igitero. Abamidiyani babona yuko badashobora kunesha ingabo ziteye ubwoba zityo maze ubwoba burabataha. Bacura imiborogo maze barahunga ngo bakize amagara yabo; kandi ubwo bahungaga bitiranyije bagenzi babo n’abanzi babo maze bakajya basogotana bakicana. Ubwo inkuru y’uko kunesha yasakaraga, ibihumbi n’ibihumbi by’abagabo b’Abisiraheli bari barasezerewe ngo basubire mu ngo zabo baragarutse bafatanya n’abandi gukurikira abanzi babo bariho bahunga. Abamidiyani berekezaga kuri Yorodani, bashaka kwambuka ngo bagere mu gihugu cyabo hakurya y’uruzi. Gideyoni yohereza intumwa ku muryango wa Efurayimu, ngo batangirire abo bahunga mu majyepfo y’uruzi aho bashobora kwambukira. Hagati aho, Gideyoni n’abantu be magana atatu, “baguye isari, ariko bakomeza gukurikirana Abamidiyani,” bambuka urwo ruzi n’ubwira bakurikiranye abari bamaze kugera hakurya. Abatware babiri, Zeba na Salumuna, bari bayoboye izo ngabo zose, kandi bari bahunganye n’abagabo ibihumbi cumi na bitanu, bafatwa na Gideyoni, ingabo zabo ziratatana, maze abayobozi bafatwa mpiri baricwa. {AA 380.4}

Muri uku gutsindwa gukomeye abantu basaga ibihumbi ijana na makumyabiri by’abari babateye birahatikiriye. Imbaraga z’Abamidiyani zarahashengukiye ku buryo batongeye kurwanya Abisiraheli na mba. Inkuru zakwiriye hose ko Imana y’Abisiraheli yongeye kurwanirira ubwoko bwayo. Nta magambo yasobanura igikuba cyacitse mu mahanga abazengurutse ubwo bamenyaga uburyo bworoshye bwanesheje imbaraga y’ubwoko bw’intwari kandi bw’abarwanyi bakomeye. {AA 381.1}

Umuyobozi Imana yatoranyije kugira ngo arimbure Abamidiyani ntiyari afite umwanya w’icyubahiro mu Bisiraheli. Ntabwo yari umutegetsi, umutambyi, cyangwa Umulewi. Yari yiyiziho ko ari uworoheje wo mu nzu ya se. Nyamara Imana yamubonyemo umuntu w’intwari n’ubupfura. Ntabwo yumvaga hari icyo yakwishoboza kandi yabaga yiteguye gukurikiza amabwiriza Imana imuhaye. Ntabwo igihe cyose Imana itoranyiriza umurimo wayo abantu bafite impano z’ikirenga, ahubwo itoranya abo yakoresha mu buryo bwiza. ‘Kwicisha bugufi kubanziriza icyubahiro.” (Imigani 15:33). Uwiteka ashobora gukorera neza cyane mu bazi neza ko batihagije, kandi

bazamwishingikirizaho nk’umuyobozi wabo n’isoko y’imbaraga zabo. Azabagira abanyambaraga kubwo kunga intege nke zabo n’imbaraga zayo, kandi abagire abanyabwenge kubwo kunga ubujiji bwabo n’ubwenge bwayo. {AA 381.2}

Iyaba ubwoko bw’Imana bwashakaga kwicisha bugufi nyakuri, Uwiteka yabukorera ibikomeye; nyamara abantu bake ni bo bashobora guhabwa inshingano ikomeye y’ubuyobozi cyangwa gutunganirwa mu byo bakora batiyiringiye kandi batibagiwe ko byose babikesha Imana. Iyi ni yo mpamvu, iyo Imana itoranya abo yakoresha umurimo wayo, ireka abantu isi iha icyubahiro nk’abakomeye, abafite impano n’abahanga. Bene abo akenshi ni abirasi kandi bumva bihagije. Bumva bashobora gukora batagishije Imana inama. {AA 381.3}

Igikorwa cyoroheje cyo kuvuza impanda cyakozwe n’ingabo za Yosuwa zizenguruka Yeriko, ndetse n’icyakozwe n’ingabo nke za Gideyoni zigose ingabo z’Abamidiyani, binyuze mu mbaraga z’Imana, cyabaye ingirakamaro mu gutsinda imbaraga z’abanzi bayo. Gahunda yuzuye neza abantu bategura itarimo ubushobozi n’ubwenge by’Imana, izaba imfabusa mu gihe uburyo budatanga icyizere [mu maso y’abantu] buzagera ku ntego igihe butanzwe n’Imana kandi bugakoreshanywa kwicisha bugufi no kwizera. Kwiringira Imana no kumvira ubushake bwayo ni ingenzi ku Mukristo mu ntambara y’iby’umwuka nk’uko byabereye Gideyoni na Yosuwa mu ntambara barwanye n’Abanyakanani. Kubwo kugaragariza Abisiraheli imbaraga zayo kenshi, Imana yashakaga kubatera kuyizera —bakagira ishema ryo gushaka ubufasha buyikomotseho mu bihe byose by’amakuba. N’ubu Imana yifuza gukorana n’umuhati w’ubwoko bwayo ndetse no gukora ibikomeye ibikoresheje abanyantege nke. Ijuru ryose ritegereje ko dusaba ku dusaba ku bwenge n’imbaraga birikomokamo. Imana “ibasha gukora ibiruta cyane ibyo dusaba, ndetse n’ibyo twibwira byose.” Abefeso 3:20

{AA 381.4}

Gideyoni yagarutse avuye gukurikirana abanzi b’Abisiraheli noneho aza guhangana no kugawa n’ibirego bivuye kuri bene wabo. Igihe Abisiraheli bateraniraga kurwanya Abamidiyani bahamagawe na Gideyoni, umuryango w’Abefurayimu warasigaye. Barebye imbaraga bibasaba babona ari ukwigerezaho; kandi kubera ko Gideyoni atabohereereje ubutumwa bw’umwihariko, buririye kuri urwo rwitwazo banga gufatanya na bene wabo. Ariko ubwo inkuru yo kunesha kw’Abisiraheli yabageragaho, Abefurayimu bagize ishyari ryo kuba batafatanyije. Abamidiyani bamaze kuneshwa, kubw’amabwiriza ya Gideyoni, Abefurayimu bigaruriye inkombe za Yorodani bityo babuza abanzi bahungaga kugira aho bacikira. Kubw’ibyo benshi mu ngabo z’abanzi zarishwe, ndetse muri zo hapfamo ibikomangoma bibiri ari byo Orebu na Zebu. Uko ni ko Abefurayimu bakurikiranye urugamba kandi bafasha mu gusoza intsinzi. Nyamara bagize ishyari kandi bararakara nk’aho Gideyoni yakoreshwaga n’ubushake bwe

n’ubwenge bwe. Ntabwo babashije kubona yuko ukuboko kw’Imana ari ko kwahaye Abisiraheli gutsinda, ntabwo bashimishijwe n’imbaraga n’imbabazi zayo mu gucungurwa kwabo; kandi ibyo byagaragaje yuko batari bakwiriye gutoranywa n’Imana ngo bayibere ibikoresho by’umwihariko. {AA 382.1}

Ubwo bari bagarukanye iminyago y’uko banesheje, batonganyije Gideyoni barakaye baramubwira bati: “Ni iki cyatumye utaduhuruza, ugiye kurwana n’Abamidiyani? Waduketse iki?” {AA 382.2}

Gideyoni yarabasubije ati: “Nakoze iki gihwanye n’ibyanyu? Mbese impumbano z’imizabibu y’Abefurayimu ntizirusha umwengo wose w’Abiyezeri kuryoha? Kandi abatware b’i Midiyani, Orebu na Zebu, Uwiteka yarababagabije. Mbese mbarushije iki mu byo mwakoze?” {AA 382.3}

Umwuka w’ishyari washoboraga mu buryo bworoheje kubyara intonganya nazo zikabyara intambara no kuvusha amaraso; ariko igisubizo cya Gideyoni cyuzuyemo kwicisha bugufi cyahosheje uburakari bw’Abefurayimu, maze basubira mu ngo zabo amahoro. Gideyoni yerekanye umwuka w’ubugwaneza udasanzwe.

{AA 382.4}

Mu rwego rwo gushimira ko bakijijwe Abamidiyani, Abisiraheli basabye Gideyoni ko ababera umwami kandi ko ubwami bwazajya buhabwa abamukomokaho. Iki cyifuzo cyari kinyuranye n’amahame y’ubuyobozi bw’Imana. Imana ni yo yari umwami w’Abisiraheli, bityo kwiyimikira umuntu ngo ababere umwami kwari ukwanga ko Imana ibabera umwami. Ibyo Gideyoni yarabizirikanye; kandi iki gisubizo cyerekana uburyo imigambi ye yari iy’ukuri nta buryarya. Yarababwiye ati: “Sinemeye kubategeka, n’umuhungu wanjye ntabwo azabategeka; ahubwo Uwiteka ni we uzabategeka.” {AA 382.5}

Ariko Gideyoni arashukwa akora ikindi cyaha, cyateje inzu ye n’Abisiraheli bose ibyago. Igihe cyo kudamarara gikurikira urugamba rukaze akenshi kibamo akaga gakomeye kuruta ibibaho mu gihe cy’intambara. Gideyoni yahuye n’ako kaga. Yumvaga akwiriye kugira icyo akora. Kugeza icyo gihe yari yarishimiye kujya akurikiza amabwiriza ahawe n’Imana; ariko noneho aho gutegereza amabwiriza ahawe n’Imana; yatangiye gufata imigambi ye ku giti cye. Igihe ingabo z’Uwiteka zigeze ku ntsinzi ikomeye, Satani yongera umurego we kugira ngo asenye umurimo w’Imana. Uko ni ko ibitekerezo n’imigambi byaje mu bwenge bwa Gideyoni maze bitera Abisiraheli kuyoba bagomera Imana. {AA 382.6}

Kubera ko yari yarategetswe gutambira igitambo ku rutare aho marayika yamubonekereye, Gideyoni yibwiye ko yahawe umurimo w’ubutambyi. Aho gutegereza

yuko Imana imuha amabwiriza, yiyemeje gushyiraho ahantu hakwiriye ndetse na gahunda yo kuramya imeze nk'iyakorerwaga mu ihema ry'ibonaniro. Kuko yari yarabaye ikirangirire mu bantu, ntabwo gushyira uwo mugambi we mu bikorwa byamukomereye. Abibasabye abantu, bamuhaye impeta z'izahabu zo ku matwi bari bacuje Abamidiyani, barazimuha nk'umugabane we w'iminyago. Kandi abantu bashyira hamwe ibindi bintu by'agaciro, n'imyambaro irimbishijwe gikire y'abatware b'i Midiyani. Muri ibyo bintu byari bitanzwe, Gideyoni yakozemo efodi, n'umwambaro wo ku gituza, bisa n'ibyambarwaga n'umutambyi mukuru. Ibyo yakoze byamubereye umutego, n'umuryango we ndetse n'Abisiraheli. Uko gusenga kutemewe n'amategeko amaherezo kwateye abantu benshi kureka Uwiteka maze bakorera ibigirwamana. Gideyoni amaze gupfa, abantu benshi cyane harimo n'umuryango we bateshutse ku Mana bakorera ibigirwamana. Abantu bakuwe ku Mana n'umuntu wari warigeze kurimbura ibigirwamana byabo. {AA 383.1}

Hari abantu bake babona uburyo imbaraga z'amagambo n'ibikorwa byabo bigira ingaruka zigera kure. Mbega uburyo akenshi amakosa y'ababyeyi abyara ingaruka ziteye ubwoba ku bana babo n'abuzukuru babo nyuma y'igihe kirekire cyane abakoze ayo makosa baramaze gupfa. Buri muntu wese agira impinduka atera ku bandi, kandi azabazwa ingaruka z'izo mpinduka yateje abandi. Amagambo n'ibikorwa bifite imbaraga ivuga, kandi nyuma y'igihe bizazana ingaruka mu mibereho yacu muri iyi si. Ingaruka ziterwa n'amagambo yacu n'ibikorwa byacu zizatugarukira ari imigisha cyangwa umuvumo byanze bikunze. Ibi bidutera kwitondera ubuzima, kandi bikwiriye kutwegereza Imana dusenga twicishije bugufi kugira ngo ituyoboze ubwenge bwayo. {AA 383.2}

Abantu bafite imyanya yo hejuru cyane bashobora kuyobya abandi. {AA 383.3}

Abahanga baminuje barafudika; kandi umunyambaraga kurusha abandi ashobora guteguza akagwa. Umucyo uva mu ijuru ukwiriye iteka kumurikira inzira tunyuramo. Amahoro yacu yonyine ari mu kuragiza inzira ducamo wa wundi wavuze ati: "Nimunkurikire." {AA 383.4}

Gideyoni amaze gupfa, "Abisirayeli ntibaba bacyibuka Uwiteka Imana yabo, yabakijije amaboko y'ababisha ababo babagotaga bose. Kandi ntibagirira neza inzu ya Yerubali ari we Gideyoni, nk'uko yagiriraga neza Abisirayeli." Abisiraheli bibagiwe ibyo bakeshaga Gideyoni byose, umucamanza n'umurengezi wabo, maze bemera umuhungu we Abimeleki yabyaye ku nshoreke ye kugira ngo ababere umwami. Kugira ngo Abimeleki akomeze ingoma ye, yishe abana ba Gideyoni bose bemewe n'amategeko, uretse umwe. Iyo abantu baretse gutinya Imana, ntibitinda bata icyubahiro n'ubutungane. Kunyurwa n'imbabazi z'Imana bizatera abantu guha agaciro abo Imana yagiye ikoresha kugira ngo baheshe abandi umugisha nk'uko Gideyoni

yakoze. Ubugome Abisiraheli bagiriye inzu ya Gideyoni bwari ubwo dushobora kubona bugirwa n’abantu badashimira Imana ibyiza yabagiriye. {AA 383.5}

Nyuma y’urupfu rwa Abimeleki, habayeho ubutegetsi bw’abacamanza bubahaga Uwiteka bamara igihe barwanya gusenga ibigirwamana. Ariko hatarashira igihe kirekire, abantu basubira ku migenzo ya gipagani y’abaturanyi babo. Mu moko yari atuye mu majyaruguru, ibigirwamana by’ab’i Siriya na Sidoni ni byo byari bifite ababisenga benshi. Mu muajyaruguru y’uburengerazuba, ibigirwamana by’Abafilisitiya, ndetse n’iby’Abamowabu n’Abamoni mu burasirazuba, byari byarateshuye Abisiraheli ku Mana ya ba sekuru. Uko guteshuka ku Mana ntikwatinze kubazanira ibihano. Abamoni bigaruriye imiryango yo mu karere k’iburasirazuba maze bambuka uruzi rwa Yorodani, batera igihugu cy’Abayuda n’icy’Abefurayimu. Iburengerazuba, Abafilistiya bahagurutse bava mu kibaya cyabo iruhande y’inyanja, bazamuka batwika kandi basahura ahantu hose. Abisiraheli bongeye kuba nk’aho bahanwe mu maboko y’abanzi batagira imbabazi. {AA 383.6}

Abantu bongeye gushakira ubufasha ku Mana bari barimuye bakanayituka. “Abisiraheli baherako batakambira Uwiteka, baravuga bati:

{AA 384.1}

‘Twagucumuyeho kuko twakwimuye uri Imana yacu, tugakorera Balimu.” Nyamara umubabaro bari bafite ntiwari wabateye kwihana by’ukuri. Abantu baborogaga babitewe n’uko ibyaha byabo byari byabazaniye kubabazwa, ntabwo babitewe n’uko bari barasuzuguye Imana bakica amategeko yayo yera. Kwihana nyakuri kurenze kubabazwa n’icyaha. Ni ukwiyemeza gutera icyaha umugongo. {AA 384.2}

Uwiteka yabashubije atumye umwe mu bahanuzi be ati: “Si jye wabakijije Abanyegiputa n’Abamori n’Abamoni n’Abafilisitiya? Kandi Abasidoni n’Abamaleki n’Abanyamawoni babahataga, muntakambiye mbakiza amaboko yabo. Ariko ubwo mwanyimuye, mugakorera izindi mana, sinzongera kubakiza ukundi. Nimugende mutakambire imana mwitoranyirije, abe ari zo zibarengera mu gihe cy’ubwihebe bwanyu.” {AA 384.3}

Ayo magambo akomeye kandi ateye ubwoba ajyana intekerezo z’umuntu ku kindi gihe kizabaho - ubwo abanze imbabazi z’Imana n’abasuzuguye ubuntu bwayo bazahagarikwa imbere y’ubutabera bwayo. Abeguriye impano z’igihe, ubutunzi cyangwa ubwenge Imana yabahaye maze bakabikoreshereza ibigirwamana by’iyi si, bazabiryorezwa mu rukiko rw’Imana. Banze Incuti yabo magara, bikurikirira inzira y’ibyo bishakira n’ibinezeza by’isi. Rimwe na rimwe bagambiriraga kugarukira Imana, ariko isi n’ibirangaza byayo n’ubuhendanyi bwayo byatwaye intekerezo zabo. Kwishimisha byuzuye ubupfapfa, ubwibone mu myambarire, umururumba, ibyo byose

byanangiye imitima maze bituma ubwenge buba ibihurihuri ku buryo batumvise ijwi rivuga ukuri. Basuzuguye inshingano bafite. Ibintu bifite agaciro k'iteka ryose babihaye agaciro gake, kugeza ubwo umutima watakaje rwose kwifuza kwitangira Uwahaze byose kubw'umuntu. Nyamara ubwo igihe cy'isarura kizaba kigeze, bazasarura ibyo babibye. {AA 384.4}

Uwiteka yaravuze ati: "Narahamagaye muraninira, nabaramburiye ukuboko ntihagira ubyitaho. Ahubwo mwahinyuye inama zanjye zose, no kubacyaha kwanjye ntimubyitaho. . . Igihe muzatungurwa n'ubwoba nk'umugaru, ibyago byanyu bikaza nka serwakira, igihe umubabaro n'uburibwe bizabageraho. Ni bwo bazantakambira nkabihorera, bazanshakana umwete ntibazambona. Kuko banze kumenya, kandi ntibahisemo kubaha Uwiteka. Ntibemeye inama zanjye, bahinyuye guhana kwanjye kose. Ni cyo gituma bazarya ibiva mu ngeso zabo, kandi bazahazwa n'imigambi yabo." "Ariko unyumvira wese azaba amahoro, adendeze kandi atikanga ikibi." Imigani 1:24-31, 33. {AA 384.5}

Noneho Abisiraheli bicisha bugufi imbere y'Uwiteka. "Baherako bakura ibigirwamana by'abanyamahanga hagati muri bo, bakorera Uwitaka." Maze umutima w'urukundo w'Uwiteka wuzura "ishavu ry'imibabaro y'Abisiraheli." Mbega ukuntu Imana yacu ari inyambabazi kandi igira kwihangana kwinshi! Abantu bayo bamaze kwitandukanya n'ibyaha byari byarabatandukanyije nayo, yumvise amasengesho yabo maze ihita itangira kubafasha. {AA 385.1}

Umucunguzi Yefuta yarahagurukijwe, yari uw'i Gileyadi, maze arwanya Abamoni kandi koko abatsinda umuhashya. Kugeza icyo gihe, Abisiraheli bari bamaze imyaka cumi n'umunani bakandamizwa n'abanzi babo, nyamara na none bongera kwibagirwa icyigisho bari barakuye ku kubabazwa. {AA 385.2}

Ubwo abantu bayo bongeraga gusubira mu nzira zabo mbi, Imana yemeye yuko bongera gukandamizwa n'abanzi babo bari bakomeye b'Abafilisitiya. Iryo shyanga ry'abantu b'abagome kandi bakunda intambara ryamaze imyaka myinshi ribagirira nabi, kandi rimwe na rimwe ryajyaga ribajyanaho iminyago. Abisiraheli bari baragiye bivanga n'abo bantu basenga ibigirwamana, bagafatanya nabo mu byo kwinezeza no gusenga kugeza ubwo babaye nk'aho ari bamwe mu by'umwuka no mu bindi barangamira. Hanyuma abo biyitaga incuti z'Abisiraheli baje guhinduka abanzi babo ruharwa maze bagakora uko bashoboye kose kugira ngo basohoze umugambi wabo wo kubarimbura. {AA 385.3}

Nk'uko byagendekeye Abisiraheli, akenshi Abakristo bemera gutwarwa n'isi kandi bagakurikiza amahame yayo n'imigenzo yayo bagamije kugirana ubucuti n'abatubaha Imana. Nyamara amaherezo, bizagaragara ko abo bita incuti ari bo banzi gica kuruta abandi bose. Bibiliya yigisha neza ko nta guhuza kugomba kuba hagati y'abantu

b’Imana n’ab’isi. “Bene Data, ntimutangazwe n’uko ab’isi babanga.” (1Yohana 3:13). Satani akorera mu batubaha Imana yitwikiriye ubucuti bw’uburyarya, kugira ngo ashuke abantu b’Imana bagwe mu cyaha, bityo abashe kubatandukanya n’Imana. Igihe uburinzi bwabo buzaba buvuyeho, noneho azatera abakozi be kubahinduka maze bashake uburyo babarimbura. {AA 385.4}

IGICE CYA 54 — SAMUSONI

Nubwo guteshuka ku Mana byari byarakwiriye hose, abasengaga Imana by’ukuri bakomeje kuyinginga ngo Abisiraheli bacungurwe. Nubwo byasaga n’aho nta gisubizo, nubwo uko ibihe byasimburanaga imbaraga z’abakandamizaga zakomezaga gutsikamira Abisiraheli cyane, ubuntu bw’Imana bwabateguriraga ubufasha. No mu myaka ya mbere yo gukandamizwa n’Abafilisitiya, havutse umwana Imana yari gukoresha kugira ngo icishe bugufi imbaraga z’abo banzi bakomeye. {AA 386.1}

Ku rubibi rw’igihugu cy’imisozi ahitegeye ikibaya cy’Abafilisitiya hari umujyi muto witwaga Zora. Aho ni ho hari hatuye umuryango wa Manowa wo mu nzu ya Dani, imwe mu nzu nke cyane zari zarakomeje kuba indahemuka ku Mana muri icyo gihe cyo gusubira inyuma kwari kwarabaye gikwira. “Marayika w’Uwiteka” yabonekeye umugore wa Manowa wari ingumba amuzanira ubutumwa buvuga ko azabyara umuhungu Imana izakoresha ubwo izatangira gucungura Abisirahe1i. Kubera ibyo, umumarayika yamuhaye amabwiriza yerekeye uko akwiriye kwifata, ndetse n’uko azafata umwana we ati: “Nuko ndakwinginze wirinde kunywa vino cyangwa igisindisha, kandi ntukarye ikintu cyose gihumanya.” Uwo mwana na we yahawe amabwiriza nk’ayo hongeweho yuko atazogoshwa umusatsi we; kuko yagombaga kwegurirwa Imana akaba Umunaziri ahereye ku ivika rye. {AA 386.2}

Uwo mugore yagiye gushaka umugabo we maze amaze kumubwira ibya marayika yabonye, amusubiriyemo ubutumwa yamubwiye. Amaze kumubwira, umugabo yagize ubwoba bw’uko bashobora kuzagira ikosa bakora muri iyo nshingano y’ingenzi bahawe bityo Manowa asenga Imana ati: “Nyagasani, ndakwinginze ngo uwo muntu w’Imana wadutumyeho yongere agaruke muri twe, atwigishe uko tuzagenza uwo mwana uzavuka.” {AA 386.3}

Ubwo marayika yari agarutse, Manowa yaramubajije ati: “...uwo muhungu azabaho ate

kandi azakora iki?” Amabwiriza yari yatanzwe mbere yongeye gusubirwamo ngo: “Ibyo nabwiye uyu mugore byose, abyirinde. Ntakarye ikintu cyose kuvuye ku muzabibu, ntakanywe vino cyangwa igisindisha, habe no kurya ikintu cyose gihumanya. Nuko yitondere ibyo namubwiye byose.” {AA 386.4}

Imana yari ifite umurimo w’ingenzi uwo mwana wasezeranywe wa Manowa yagombaga gukora, kandi kugira ngo uwo mwana ahabwe ibyangombwa bikwiriye umurimo we, ingeso z’umubyeyi n’umwana byagombaga gutunganywa neza. Umumarayika yari yahaye umugore wa Manowa aya mabwiriza ngo: “Ntakarye ikintu cyose kuvuye ku muzabibu, ntakanywe vino cyangwa igisindisha, habe no kurya ikintu cyose gihumanya. Nuko yitondere ibyo namubwiye byose.” Ingeso z’umubyeyi w’umugore ziteza impinduka nziza cyangwa mbi ku z’umwana. Umubyeyi agomba ubwe kwitegeka adakebakeba kandi akagira kwirinda no kwigomwa niba yafuza imibereho myiza y’umwana we. Abajyanama b’abapfapfa bazashuka umubyeyi bamubwira ko ari ngombwa kurya no kunywa icyo yifuza cyose n’ikimuje mu bitekerezo cyose, ariko bene izo nyigisho ni iz’ubuyobe kandi zirangiza. Kubw’itegeko ry’Imana, umubyeyi w’umugore afite inshingano ikomeye cyane yo kwitegeka.

{AA 386.5}

Kandi ababyeyi b’abagabo na bo kimwe n’ab’abagore, iyo nshingano irabareba. Ababyeyi bombi bokoza abana babo ibibaraga, byaba iby’intekerezo, iby’umubiri, ibibakurura, ipfa ry’inda n’ibindi. Nk’ingaruka ziterwa no kutirinda kw’ababyeyi, akenshi abana bagira intege nke z’umubiri, iz’ubwenge ndetse n’iz’imicombonera. Abanywi b’inzoga n’ab’itabi, babasha kandi banduza abana babo umururumba wabo, amaraso ahorana inyota kandi agurumana, ndetse n’imyakura ihora yikanga ubusa. {AA 387.1}

Kenshi na kenshi abahehesi baraga ababakomokaho irari ry’ibibi, ndetse n’indwara mbi cyane. Kandi kubera ko abana bafite imbaraga nke zo kwihanganira ibigeragezo ugereranyije n’izo ababyeyi babo bari bafite, uko ibihe bigenda bihita ni ko abantu bagenda basubira hasi. Ntabwo ku rugero runini ababyeyi ari bo gusa nyirabayazana w’irari no kwifuza kubi biranga abana babo, ahubwo ni nabo ntandaro y’ubumuga bw’abana baboibihumbi byinshi bavuka ari ibipfamatwi, impumyi, abarwayi, cyangwa badafite ubwenge bwuzuye.

{AA 387.2}

Umubyeyi wese w’umugabo n’umugore yari akwiriye kwibaza ati: “Mbese umwana tuzabyara tuzamukorere iki?” Ingaruka zikomoka ku myitwarire ababyeyi bagize umwana akiri mu nda ya nyina zagiye zidahabwa agaciro; ariko amabwiriza aturutse mu ijuru bariya babyeyi b’Ababeburayo bahawe, kandi agasubirwamo kabiri mu buryo bukomeye, yerekana uko Umuremyi wacu yita kuri iyi ngingo. Ntabwo byari bihagije ko

umwana wasezeranywe ahabwa umurage mwiza n’ababyeyi. Ibi byagombaga gukurikirwa no gutozwa neza ndetse no kubakwa kw’imico itunganye. Uwiteka yatanze amabwiriza avuga ko uwagombaga kuzaba umucamanza n’umurengezi w’Abisiraheli akwiriye gutozwa kwirinda ubudakebakeba uhereye akivuka. Yagombaga kuba Umunaziri kuva akivuka, bityo akaba abujijwe kunywa inzoga n’igisindisha icyo ari cyo cyose mu buzima bwe bwose. Ibyigisho byo kwirinda, kwigomwa, kwitegeka bigomba kwigishwa abana uguheye mu buto bwabo.

{AA 387.3}

Mu byo marayika yabujije muka Manowa harimo n’ “ikintu cyose gihumanya.” Ivangura hagati y’ibyokurya bitunganye n’ibihumanya ntiryari rishingiye ku mihango cyangwa amabwiriza apfuye kubaho, ahubwo ryari rishingiye ku mahame yerekeye isuku. Bivugwa yuko imbaraga zidasanzwe n’uburame byagiye biranga ubwoko bw’Ababeburayo mu myaka ibihumbi byinshi, ahanini byakomotse ku kubahiriza iryo vangura hagati y’ibitunganye n’ibihumanye. Amahame yo kwirinda agomba kubahirizwa birenze kwirinda kunywa ibinyobwa bisindisha. Kurya ibyo kurya bituma umubiri ukoresha imbaraga z’ ikirenga n’ibinaniza igogora nabyo byangiza ubuzima kandi akenshi bibiba imbuto z’ubusinzi. Kurinda ubuzima nyakuri bitwigisha kureka rwose ikintu cyose cyangiza maze tugakoresha neza ibitangiza ubuzima. Abantu bake ni bo bamenya isano iri hagati y’ibyo bakunda kurya n’ubuzima bafite, imico yabo, akamaro bamaze muri iyi si ndetse n’amaherezo yabo y’iteka ryose. Ipfa rikwiriye gutegekwa n’imbaraga z’ubwenge ndetse n’izigenga imicombonera. Umubiri ukwiriye kumvira no gukoreshwa n’ubwenge, ntabwo ubwenge ari bwo bukwiriye gukoreshwa n’umubiri. {AA 387.4}

Isezerano Imana yasezeranije Manowa ryasohoye igihe gikwiriye kigeze mu ivuka ry’umwana w’umuhungu wiswe izina rya Samusoni. Uko uwo mwana w’umuhungu yakuraga, ni ko byagaragaraga yuko yari afite imbaraga z’umubiri zidasanzwe. Nyamara nk’uko Samusoni n’ababyeyi be bari bazi neza, ntabwo ibyo byaterwaga n’uko yari afite imihore isobetse neza, ahubwo byarerwaga n’uko yari Umunaziri, ubwo bunaziri bukaba bwaragaragazwaga n’umusatsi we utarogoshwaga. Iyo Samusoni yumvira amategeko y’Imana uko bikwiriye nk’uko ababyeyi be bumviye, aba yaragize iherezo rishimishije bitagira uko bisa. Ariko kwifatanya n’abasenga ibigirwamana byaramwanduje. Umujyi wa Sora wari hafi y’igihugu cy’Abafilisitiya maze Samusoni aza kwihuza nabo buryo bwa gicuti. Uko ni ko mu bucuti bwo mu busore bwe havutse imbaraga ihindura yaje kwijimisha ubuzima bwe bwose. Umwari wari utuye i Timuna, umudugudu wo mu gihugu cy’Abafilisitiya, yaje gukundwa na Samusoni maze yiyemeza kumusaba ngo amugire umugore we. Icyo yasubije ababyeyi be bubahaga Imana kandi bagerageje kumumubuza uwo mugambi ni iki ngo: “Nsabira uwo, kuko ari we nkunda cyane.” Amaherezo, ababyeyi be bemeye ibyo yifuzaga maze Samusoni

ashyingiranwa n’uwo mukobwa. {AA 388.1}

Ubwo Samusoni yari ku kigero yagombaga gushyira mu bikorwa umurimo Imana yari yaramushinze, ari cyo gihe gikomeye yari akwiriye kubera Imana indahemuka, ni ho yifatanyije n’abanzi ba Isiraheli. Ntiyabajije niba ashobora guhesha Imana ikuzo bisumbyeho aramutse ashyingiwe uwo yihitiyemo, cyangwa niba yarishyiraga aho adashobora gusohoza umugambi ugomba kugerwaho mu buzima bwe.Abantu bose bashaka mbere ya byose kuyubahisha, Imana yabasezeranyije ubwenge; ariko nta sezerano yasezeranyije abahugira ku kwinezeza. {AA 388.2}

Ni bangahe ubu bakora nk’uko Samusoni yakoze! Ni kangahe habaho gushyingiranwa hagati y’abubaha Imana n’abatayubaha, bitewe n’uko gutwarwa ari byo biyobora mu guhitamo umugabo cyangwa umugore! Abashaka gushyingiranwa ntibagisha Imana inama, nta n’ubwo bazirikana ikuzo ryayo. Ubukristo bwagombye kuba ari bwo mbaraga iyobora abantu mu gushyingiranwa, ariko ni kenshi cyane impamvu zitera abantu gushyingiranwa ziba zidashingiye ku kubahiriza amahame ya Gikristo. Satani ahora ashaka gukomeza ububasha bwe ku bantu b’Imana akoresheje kubashora mu kwifatanya n’abakozi be; kandi kugira ngo ibyo abigereho, ashishikarira kubyutsa irari mu mitima y’abantu. Ariko mu Ijambo rye, Uwiteka yahaye abantu be amabwiriza yumvikana ko badakwiriye kwifatanya n’abadafite urukundo rwe muri bo: “Kandi Kristo ahuriye he na Beliyali, cyangwa uwizera n’utizera bafitanye mugabane ki? Mbese urusengero rw’Imana rwahuza rute n’ibishushanyo?” 2 Abakorinto 6:15,16. {AA 388.3}

Mu birori by’ubukwe bwe, Samusom yashyikiranye kandi yifatanya n’abangaga Imana y’Abisiraheli. Umuntu uwo ari we wese ujya mu kwifatanya nk’uko abyihitiyemo azabona ko, ku rwego runaka, ari ngombwa gukurikiza imico n’imigenzo by’abo yifatanyije nabo. Igihe atakazamuri ubwo buryo ni kibi kuruta kugipfusha ubusa. Hari ibitekerezo bihaganirirwa n’amagambo ahavugirwa byerekeza ku gusenya ibihome by’amahame umuntu yakurikizaga ndetse bigashegesha umunara ukingira ubugingo. {AA 388.4}

Uwo mugore Samusoni yishe amategeko y’Imana kugira ngo amubone, yagaragaje ko agambanira umugabo we ibirori by’ubukwe bitararangira. Samusoni arakajwe n’ubugambanyi bwe, yamusize aho yigira iwabo i Sora. Amaze gutururukwa, yasubiyeyo kujya kureba umugeni we maze asanga yarashyingiwe undi. Ubwo yihoreraga akarimbura imirima n’imizabibu byose by’Abafilisitiya, byatumye Abafilisitiya bica uwo mugore, nubwo ibikangisho byabo ari byo ryari ryatumye agira ubushukanyi bwari bwatangije izo mvururu. Samusoni yari yaramaze kwerekana ibimenyetso by’imbaraga ze zitangaje ubwo yicishaga intare amaboko ye gusa, n’igihe yicaga abagabo mirongo itatu b’ahitwa Ashekiloni. Noneho ubwo yari arakajwe n’uko bishe umugore we urupfu rw’agashinyaguro, yateye Abafilisitiya arabica, “arabatikiza

yica benshi.” Ibyo birangiye, aho ahungira abanzi be maze ajya mu isenga “y’igitare cya Etamu,” i Buyuda. {AA 389.1}

Ingabo nyinshi zaramukurikiye zijya kumushakira aho hantu, maze abantu b’i Buyuda bakutse umutima, ntibagira igihunga cyo kwemeranya kumutanga mu maboko y’abanzi babo. Abagabo ibihumbi bitatu b’i Buyuda bagiye kumufata. Ariko nubwo byari bimeze bityo, ntabwo bari guhangara kumwegera iyo Samusoni atabemerera ko atarabigirira nabi. Samusoni yabemereye ko bamuboha maze bamujyanira Abafilisitiya, nyamara yabanje kubasaba kutagira ikibi bo ubwabo bamugirira bakamutera kubarimbura. Yabemereye kumubohesha imigozi ibiri mishya, maze bamujyana mu rugerero rw’abanzi be bari bafite ibyishimo byinshi. Nyamara ubwo urusaku rwo kwishima kwabo rwirangiraga mu misozi, “umwuka w’Uwiteka amuzaho cyane.” Yacagaguye ya migozi mishya ikomeye cyane nk’iyashiririjwe n’umuriro. Maze afata igufwa ry’umusaya w’indogobe, intwaro ya mbere yabonye hafi, maze ayikoresha ibirenze ibyo inkota cyangwa icumu byakora, yica Abafilisitiya igihumbi kugeza ubwo bahunze bishwe n’ubwoba, basiga aho abantu igihumbi bapfuye.

{AA 389.2}

Iyo Abisiraheli baba biteguye gufatanya na Samusoni bagakurikirana Abafilisitiya ubwo yari amaze kubacamo igikuba, bajyaga kwibohora ingoyi y’uburetwa bari barabashyizeho. Ariko bari barahindutse ibikange n’ibigwari. Bari barirengagije umurimo Imana yabategetse gukora wo kwirukana abapagani, ahubwo bari barifatanyije nabo mu migenzo yabo iteye isoni, bihanganira ubugome bwabo iyo bwabaga butabibasiye, ndetse ntibita no ku kurenganya bagiraga. Igihe Abisiraheli ubwabo babaga bishyize munsi y’ubutegetsi bubakandamiza, bishyiraga mu guteshwa agaciro bagombaga kuba barakize iyo bumvira Imana gusa. Ndetse n’igihe Uwiteka yabahagurukirizaga umurengezi, ibihe bitari bike baramwanze bakifatanya n’abanzi babo. {AA 389.3}

Samusoni amaze kunesha Abafilisitiya, Abisiraheli bamugize umucamanza maze ategeka ishyanga rya Isiraheli imyaka makumyabiri. Nyamara intambwe imwe itewe umuntu yerekera mu bibi itegirira inzira indi ntambwe. Samusoni yari yarishe itegeko ry’Imana ubwo yashakaga umugore wo mu Bafilistiya (noneho bari abanzi be gica) arongera abasubiramo kubwo gutwarwa n’irari ribi. Kubwo kwishingikiriza ku mbaraga ze nyinshi zari zarateye Abafilisitiya ubwoba bwinshi, ajya i Gaza gusura umugore w’indaya yaho. Abatuye muri uwo mudugudu bamenye yuko ahari maze bashaka uburyo bakwihorera. Uwo mwanzi wabo bamukingiranira mu gihome gikomeye cyane kuruta ibindi byo mu mijyi yabo. Bumvise yuko atakibacitse maze bategereza gusa yuko bucya bakuzuza intsinzi yabo. {AA 389.4}

Bigeze mu gicuku, Samusoni yarakangutse. Umutimanama umurega watumye

Samusoni ababazwa no kwibuka yuko yishe isezerano rye ry'Umunaziri. Nyamara nubwo yari yakoze icyo cyaha, imbabazi z'Imana zari zitaramuvaho. Na none za mbaraga ze zikomeye zongeye kumufasha arakira. Yafashe inzugi z'irembo ry'umujyi n'ibikingi by'irembo byombi arabirandura abijyana mu mpinga y'umusozi uteganye n' i Heburoni. {AA 390.1}

Ariko n'uko gucika kwe mu buryo bw'igitangaza ntikwatumye areka ibibi bye. Ntiyongera kujya mu Bafilisitiya, ariko yakomeje gushaka umunezero ushingiye ku irari ry'umubiri wamushukaga umujyana ku kurimbuka. "Hanyuma y'ibyo abenguka umugore wo mu gikombe cya Soreka," hafi y'aho yavukiye. Uwo mugore yitwaga Delila, "umusinzikazi." Ikibaya cy'i Soreka cyarakundwaga bitewe n'imizabibu yaho. Iyo mizabibu nayo yabereye ikigusha uwo Munaziri wari udakomeye, wari waratangiye kunywa inzoga bityo agaca undi murunga wamuhuzaga no gutungana no komatana n'Imana. Abafilisitiya bakurikiraniraga hafi ibikorwa byose by'mwanzi wabo, bityo ubwo yari amaze kwitesha agaciro kubw'iyo sano nshya yari yinjiyemo, Abafilisitiya biyemeza kuzuza umugambi wabo wo kumurimbura bakoresheje Delila. {AA 390.2}

Intumwa zigizwe n'umuyobozi umwe umwe uvuye mu ntara z'Abafilisitiya zoherejwe mu kibaya cy'i Soreka. Ntibajyaga guhangara kumufata agifite imbaraga ze nyinshi, ahubwo bibashobokeye, bari bafite umugambi wo kumenya ibanga ry'imbaraga ze. Nuko rero bagurira Delila ngo arimenye maze arivuge. {AA 390.3}

Ubwo uwo mugambanyi yingingaga Samusoni amubaza ibibazo, Samusoni yaramubeshye amubwira ko intege nke z'abandi bantu zamuzaho hari izindi nzira zikoreshejwe. Ubwo Delila yageragezaga ibyo amubwiye, yaje gusanga ko yamubeshye. Hanyuma amugaya ko avuga ibinyoma amubwira ati: "Wakagize ngo urankunda kandi tudahuje umutima? Umpemukiye gatatu, utambwira aho imbaraga zawe nyinshi ziva." Incuro eshatu zose Samusoni yabonye ibihamya biragagara neza by'uko Abafilisitiya bari bagambanye n'uwari wamutwaye umutima kugira ngo bamurimbure; ariko ubwo umugambi we wari upfubye, yabigize nk'ibikino maze Samusoni ntibyamutera ubwoba. {AA 390.4}

Uko umunsi wahitaga undi ukaza, Delola yakomezaga kwinginga Samusoni kugeza ubwo "umutima we warembye nk'uwenda gupfa;" nyamara hari imbaraga itaragaragaraga yamugumishaga iruhande rw'uwo mugore. Amaherezo Samusoni amaze gucogora yamenye rya banga. Yaravuze ati: "Nta cyuma cyogosha cyigize kunyura ku mutwe, kuko nabaye Umunaziri w'Imana uhereye nkiva mu nda ya mama; nakogoshwa, imbaraga zanjye zanshiramo, ngacogora nkamera nk'abandi." Ako kanya Delila yahise atuma intumwa ku batware b'Abafllisitiya ngo baze badatinze. Igihe uwo munyambaraga yari asinziriye, Delila yamwogosheho wa musatsi we mwinshi. Hanyuma, nk'uko yabigenzaga mbere incuro eshatu, Delila yaramubwiye ati: "Wapfa

Samusoni; Abafilisitiya baragusumiye!” Agikanguka yibwira ko ari bukoreshe imbaraga ze nka mbere akabarimbura; nyamara amaboko ye yari adafite imbaraga nta cyo yamumariye, maze amenya ko “Uwiteka yamuretse.” Ubwo yari yamaze kogoshwa, Delila yatangiye kumurakaza no kumubabaza, agira ngo agerageze imbaraga ze, kubera ko Abafilisitiya batashoboraga kumwegera bataramenya neza yuko imbaraga ze zashize. Nuko baramufata, maze bamaze kumunogoramo amaso ye yombi, bamujyana i Gaza. Aho ni ho yaboheshejwe iminyururu muri gereza yabo maze bamuha kujya akora imirimo iruhije. {AA 390.5}

Mbega impinduka zabaye ku muntu wari umucamanza n’igikomerezwa cyo mu Bisiraheli! none ubu akaba nta mbaraga afite, ari impumyi, afunzwe, yateshejwe agaciro akoreshwa imirimo mibi cyane y’amaboko! Buhoro buhoro yari yararenze ku mabwiriza yagengaga umuhamagaro we wera. Imana yari yamwihanganiye igihe kirekire; ariko igihe yari amaze kwiyegurira ubutware bw’icyaha akamena ibanaga rye, Uwiteka yaramuretse amuvaho. Nta kundi kuri kwari mu musatsi we muremure, ariko wari ikimenyetso yahawe cyerekana ko yubaha Imana. Ubwo icyo kimenyetso cyari cyaguranwe irari, imigisha cyari kibereye ikimenyetso nayo iba irasheshwe. {AA 392.1}

Mu gihe yababazwaga kandi yateshejwe agaciro, Samusoni wari wabereye Abafilisitiya igishungero,yarushijeho kumenya imbaraga nke ze kuruta uko yari asanzwe abizi; bityo kubabazwa kwe kumutera kwihana. Uko umusatsi we wakuraga, ni ko imbaraga ze zagarukaga buhoro buhoro; ariko abanzi be, bamubonaga ari imbohe iboheshejwe iminyururu kandi idafite uko igira, ntibagize icyo bamenya.

{AA 392.2}

Intsinzi y’Abafilisitiya bayitiriye ibigirwamana byabo; kandi mu byishimo byabo basuzuguye Imana y’Abisiraheli. Bakoze umunsi mukuru mu rwego rwo kubahiriza Dagoni, ikigirwamana cy’ifi, “umurinzi w’inyanja.” Guhera mu mujyi ukagera mu cyaro mu kibaya cy’Abafilisitiya cyose, rubanda n’abatware babo barateranye. Imbaga y’abantu baje kuramya yuzuye urusengero runini cyane ndetse buzura n’ahakikije igisenge cyarwo. Habayeho ibirori bikomeye byo gutamba ibitambo, bikurikirwa n’umuziki no kurya no kunywa bakavuyarara. Hanyuma bazana Samusoni ho ikimenyetso cy’intsinzi y’imbaraga za Dagoni. Bamusanganije urusaku rw’ibyishimo bamwishima hejuru. Rubanda n’abatware baramukwennye mu mubabaro we kandi baramya imana yari yarabatsindiye “umurimbuzi w’igihugu cyabo.” Hashize umwanya muto, Samusoni nk’umuntu wari unaniwe, hasabye uruhushya rwo kwegamira inkingi ebyiri zo hagati zari zifashe igisenge cy’urwo rusengero. Nuko asengera mu mutima ati: “Uwiteka Mana, ndakwinginze nyibuka. Ndakwinginze mpa imbaraga aka kanya gusa Mana, kugira ngo mporere amaso yanjye yombi Abafilisitiya.” Avuze ayo magambo, ahera ko afata izo nkingi zombi n’amaboko ye y’imbaraga, maze

ararangururа ati: “Mfane n’Abafilisitiya!” aritugatuga arazishikuza, inzu iridukira abo batware n’abantu barimo bose. “Nuko abo Samusoni yiciye mu ipfa rye bari benshi, barutaga abo yishe mu minsi yose yo kubaho kwe.” {AA 392.3}

Ikigirwamana n’abakiramyaga, abatambyi na rubanda, ingabo zikomeye, n’impfura zo mu gihugu, bahambwa hamwe muri urwo rusengero rwa Dagoni rwari rwabaridukiyeho. Kandi muri bo harimo umurambo w’igihangange Imana yari yaratoranyirije gukiza ubwoko bwayo. Inkuru y’uko gutikira gukomeye igera mu gihugu cy’Abisiraheli, maze bene wabo wa Samusoni bava mu misozi baza gutwara umurambo w’iyo ntwari yari yapfuye nta we ubakoma imbere. Baramuzamura bamuhamba “hagati y’i Sora na Eshitawoli mu gituro aho se Manowa yahambwe.” {AA 392.4}

Isezerano Imana yari yaratanze ko izakoresha Samusoni ikarokora ubwoko bwayo mu maboko y’Abafilisitiya ryarasohoye. Ariko mbega uburyo imibereho ya Samusoni yaranzwe n’umwijima kandi ikababazwa nyamara ari we wagombaga kuba igisingizo ku Mana n’ikuzo ku ishyanga ry’Abisiraheli. Iyo Samusoni aba indahemuka ku muhamagaro w’Imana, umugambi w’Imana wajyaga gusohorera mu cyubahiro yari kugira ndetse no mu ikuzo rye. Ariko yemeye gushukwa maze agaragaza ko ahemutse ku cyizere yari yaragiriwe, bityo inshingano ye ayisohoreza mu gutsindwa, uburetwa n’urupfu.

{AA 392.5}

Ku mubiri, Samusoni yarushaga abantu bose bo ku isi imbaraga, ariko mu byo kwirinda, kwitegeka, ubupfura no gushikama, yari umwe mu banyantegenke cyane kurusha abandi. Abantu benshi bitiranya gutwarwa cyane no kugira imico ihamye, ariko ukuri ni uko umuntu utegekwa n’irari rye ari umunyantege nke. Gukomera nyako k’umuntu kugaragazwa n’imbaraga z’amarangamurima ategeka, ntabwo ari izimutegeka. {AA 393.1}

Imana mu buntu bwayo yari yaritaye kuri Samusoni kugira ngo ategurirwe gusohoza umurimo yari yarahamagariwe gukora. Kuva akivuka, yari akikijwe n’ibintu byiza byari bikwiriye kugira agire imbaraga z’umubiri, iz’ubwenge no gutungana mu mico iboneye. Ariko binyuze mu bo yifatanyije nabo b’abanyabyaha, yaretse kwifatanya n’Imana kandi ari byo burinzi bw’umuntu bwonyine, maze yorama mu bibi. Abageragerezwa mu nzira z’inshingano bashinzwe bakwiriye kumenya ko Imana izabarinda; ariko niba abantu bishyira mu maboko y’ibishuko ku bushake bwabo, bitinde bitebuke bazagwa. {AA 393.2}

Satani akoresha ububasha afite bwose kugira ngo ayobye abo Imana igambiriye gukoresha umurimo wihariye nk’ibikoresho byayo. Satani adutera ahereye aho dufite intege nke, agakorera aho ingeso zacu zidatunganye kugira ngo yigarurire umuntu

wese. Azi neza kandi ko azatsinda niba tutavirira ayo mafuti. Nyamara nta muntu n'umwe ukwiriye kuneshwa. Ntabwo umuntu yasizwe wenyine kugira ngo atsinde imbaraga z'ikibi kubw'imbaraga ze nke. Ubufasha buri hafi kandi buzahabwa umuntu wese ubwifuza. Abamarayika b'Imana bazamuka kandi bamanuka urwego Yakobo yabonye mu nzozi, bazafasha umuntu wese ushaka kuzamuka akagera ndetse no mu ijuru risumba ayandi. {AA 393.3}

IGICE CYA 55 - UMWANA SAMWELI

Elukana, Umulewi wari utuye ku musozi wa Efurayimu, yari umukire kandi yari akomeye cyane, ndetse yakundaga Uwiteka kandi akamwubaha. Umugore we, Hana, yari umugore wubahaga Imana cyane. Yari umugwaneza kandi atuje, ndetse imico ye yarangwaga no kuba umukiranutsi kandi yari afite kwizera gukomeye. {AA 394.1}

Uyu muryango wubahaga Imana ntiwari warabonye umugisha wifuzwaga cyane n'Umuheburayo uwo ari we wese. Urugo rwabo rwari rutarakagira umunezero utewe n'ijwi ry'umwana uruvutsemo kandi kubwo kwifuza ko izina rye ritazibagirana, byatumye umugabo ashaka undi mugore nk'uko byari byaragenze ku bandi benshi. Ariko iyo ntambwe yatewe biturutse ku kutizera Imana ntiyamuzaniye umunezero. Uwo muryango wungukaga abana b'ababungu n'ab'abakobwa, ariko ibyishimo n'ubwiza by'umuhango wera Imana yashyizeho byari byononekaye kandi n'amahoro y'urwo rugo nayo yari yatokowe. Penina wari umugore wa kabiri, yagiraga ishyari n'ibitekerezo bigufi, maze akaba umwirasi n'umunyagasuzuguro. Hana we yabonaga ibyiringiro bisa n'ibitakiriho, kandi imibereho ye yari nk'umutwaro uremereye; nyamara yihanganira icyo kigeragezo n'ubwitonzi ativovota. {AA 394.2}

Elukana yubahirizaga amategeko y'Imana akiranutse. Gusengera i Shilo byakomeje kubaho, ariko bitewe no kutaboneka igihe cyose mu murimo we nk'Umulewi, ntabwo umurimo we wari ukenewe kuko yagombaga kuboneka buri munsi. Nyamara yazamukanaga n'ab'urugo rwe bakajya gusenga no gutamba ibitambo mu gihe

cy’amateraniro yabaga yateganyijwe. {AA 394.3}

Ndetse no mu minsi mikuru yera yari ifitanye isano n’imihango yo gukorera Imana, umwuka mubi wari warateye urugo rwe uramwinjira. Amaze gutanga amaturo yo gushima, nk’uko umugenzo washyizweho wari umeze, umuryango wose wifatanyirije hamwe mu minsi mikuru yo kwishima. Muri ibyo birori, Elukana yahaye nyina w’abana be umugabane we amuha n’uwa buri mwana w’umuhungu n’umukobwa; kandi mu rwego rwo kugaragaza ko yita kuri Hana, yamuhaye imigabane ibiri, byerekana ko urukundo yari amukunze rwanganaga n’uko yamukunda iyo ajya kuba yarabyaye umwana w’umuhungu. Nuko umugore we wa kabiri azabiranywa n’ishyari, asaba guhabwa icyubahiro cy’uwahawe n’Imana ikuzo, maze akina Hana ku mubyimba amunnyega ko ari ingumba kandi ko icyo ari ikimenyetso cyerekana ko Uwiteka amwanga. Ibyo yakomeje kujya abisuburamo uko umwaka utashye kugeza ubwo Hana ananiriwe kubyihanganira. Atagisahoboye guhisha intimba ye, araturika ararira arahogora maze ava mu munsi mukuru. Umugabo we yagerageje kumuhoza ariko biba iby’ubusa. Yaramubajije ati: “Urarizwa n’iki Hana? Ni iki kikubuza kurya? Kandi ni iki kiguhagarika umutima? Mbese sinkurutira abana b’abahungu cumi?” {AA 394.4}

Hana ntiyagize icyo amusubiza. Umutwaro incuti yo ku isi itashoboraga kumutwaza yawukoreye Imana. Asaba Uwiteka ashikamye yuko yamuha impano nziza y’umwana y’umuhungu akamumurerera. Maze ahiga n’umuhigo ko nahabwa icyo asabye, uwo mwana azamwegurira Imana kuva akivuka. Hana yari yavuye aho yari ari maze ajya hafi y’umuryango w’ihema ry’ibonaniro, bityo ku bw’agahinda yari afite mu mutima we, “asenga...arira cyane.” Nyamara yasabanaga n’Imana bucece, atavuga. Mu bihe bibi nk’ibyo, gusenga muri ubwo buryo ntibyari bikunze kubaho. Gukora ibirori abantu bakarya bakavuyarara ndetse bagasinda byari ibimenyerewe ndetse no mu minsi mikuru y’iby’idini; bityo Eli umutambyi mukuru, yitegereje Hana, akeka yuko yari yasinze. Atekereje yuko Hana akwiriye gucyahwa, avuga akomeje ati: “Uzageza he isindwe ryawe? Mbese waretse vino yawe?” {AA 394.5}

Hana arikanga kandi biramubabaza cyane maze amusubiza yitonze ati: “Ashwi, databuja, ndi umugore ufite umutima ubabaye. Ntabwo nanyoye vino cyangwa igisindisha cyose, ahubwo nsutse imbere y’Uwiteka amaganya yo mu mutima wanjye. Ntukeke yuko umuja wawe ari umukobwa w’ikigoryi, kuko ibyo navuze kugeza ubu nabitewe n’amaganya kandi n’agashinyaguro bikabije.” {AA 395.1}

Uwo mutambyi mukuru biramubabaza cyane kuko yari umuntu w’Imana; bityo aho kumucyaha amuha umugisha ati: “Genda amahoro. Imana ya Isiraheli iguhe ibyo wayisabye.” {AA 395.2}

Isengesho rya Hana ryarasubijwe ahabwa impano yari yarasabye Imana akomeje. Ubwo yitegerezaga uwo mwana yamwise Samweli, bisobanuye “uwasabwe Uwiteka.”

Nyina abonye ko uwo mwana akuze bihagije ku buryo batandukana, ahita asohoza umuhigo yahize. Yakundaga umwana we n'umutima wose wa kibyeyi; kandi buri munsi, ubwo yitegerezaga akabona imbaraga ze ziyongera kandi akumva uwo mwana ahoha, yarushagaho kumukuda. Yari umwana we w'ikinege, impano y'umwihariko yatanzwe n'Imana; nyamara yari yaramwakiriye nk'ubutunzi bweguriwe Imana, kandi ntiyajyaga kwima Utanga ibye bwite. {AA 395.3}

Hana yongeye kujyana n'umugabo we i Shilo maze, mu izina ry'Imana, aha umutambyi mukuru iyo mpano y'agaciro gakomeye avuga ati: "Uyu mwana m we nasabye; kandi Uwiteka yampaye icyo namusabye. Ni cyo gitumye mutura Uwiteka, azaba uwatuwe Uwiteka iminsi yose yo kubaho kwe." Eli yakozwe ku mutima cyane n'ukwizera no kwitanga by'uwo mugore wo mu Bisiraheli. Eli ubwe wari umubyeyi wakabyaga gutetesha abana be, abonye kwitanga gukomeye k'uwo mubyeyi wari utandukanye n'umwana we yari afite wenyine kugira ngo amwegurire umurimo w'Imana, yaratangaye kandi bimutera kwicisha bugufi. Yumvise atsinzwe n'inarijye ye, maze mu kwicisha bugufi no kubaha apfukama imbere y'Uwiteka araramya. {AA 395.4}

Umutima w'uwo mubyeyi wuzuyemo umunezero no gusingiza Imana, maze yaturira Imana ishimwe rye. Mwuka w'Uwiteka yamujeho, maze Hana arasenga ati: {AA 395.5}

"Umutima wanjye wishimire Uwiteka,

Ihembe ryanjye rishyirwe hejuru n'Uwiteka.

Akanwa kanjye kagukiye ku banzi banjye,

Kuko nejejwe n'agakiza kawe.

Nta wera nk'Uwiteka,

Kuko nta yindi mana itari wowe,

Kandi nta gitare kimeze nk'Imana yacu.

Ntimukongere kuvuga iby'ubwibone bikabije bityo,

Ntimukabe abanyagasuzuguro mu byo muvuga,

Kuko Uwiteka ari Imana izi byose,

Kandi ari yo imenya urugero rw'ibyo abantu bakora. Imiheto y'intwari iravunitse,

Kandi abasitaye bakenyerana imbaraga.

Abari abakungu baraca incuro,

Kandi abari abashonji baradamaraye.

Ndetse uwari ingumba yabyaye karindwi,

Kandi uwabyaye benshi aracebye.

Uwiteka arica, agakiza, ashyira ikuzimu kandi agakurayo.

Uwiteka arakenesha agakenura,

Acisha bugufi agashyira hejuru.

Akura abakene mu mukungugu,

Ashyira hejuru abatindi abakuye ku cyavu,

Kugira ngo bicarane n'bikomangoma.

Baragwa intebe z'icyubahiro,

Kuko inkingi z'isi ari iz'Uwiteka, Kandi ni zo yayishinzeho.

Azarinda ibirenge by'abakiranutsi be,

Ariko abanyabyaha bazacemererwa mu mwijima,

Kuko nta muntu uzaneshesha amaboko.

Abarwanga Uwiteka bazavunagurika, azabahindiraho ari mu ijuru.

Uwiteka azacira abo mu mpera y'isi imanza,

Kandi umwami azamuha imbaraga,

Azashyira hejuru ihembe ry'uwo yasize amavuta." {AA 395.6}

Amagambo ya Hana yari ubuhanuzi bwerekeza kuri Dawidi, wagombaga kuba umwami w'Abisiraheli, kandi yerekezaga no kuri Mesiya, Uwasizwe n'Uwiteka. Iyi ndirimbo ibanza kuvuga ku kwirata k'umugore w'umunyagasuzuguro kandi ujya impaka, iyi ndirimbo yerekeza ku kurimbuka kw'abanzi b'Imana ndetse no ku ntsinzi iheruka y'ubwoko bwacunguwe nayo. {AA 396.1}

Bavuye i Shilo, Hana asubira iwe i Rama, asiga Samweli ngo bamwigishe gukora mu nzu y'Imana, akigishwa n'umutambyi mukuru. Uwo mwana agitangira kugira ikintu cyose yamenya, nyina yamwigishije gukunda no kubaha Imana ndetse no kwitwara nk'uw'Uwiteka. Hana yakoreshaga ikintu cyabaga gikikije uwo mwana, maze agashaka uko yerekeza intekerezo ze ku Muremyi. Ubwo yari amaze gutanukana n'uwo mwana

we, ntabwo uwo mubyeyi yacogoye kumusabira. Yamusengeraga buri munsi. Uko umwaka utashye yamudoderaga ikanzu yo gukorana; kandi uko yazamukanaga n'umugabo we bakajya gusengera i Shilo, yagaha uwo mwana urwo rwibutso rw'urukundo yamukundaga. Urudodo rwose rw'uwo mwambaro rwadodanwaga amasengesho amusabira kugira ngo azabe intungane, inyangamugayo n'umunyakuri. Ntabwo yasabiraga umwana we ngo azabe umuntu w'isi ukomeye, ahubwo yasabaga ashimikiriye ko yazagera ku gukomera ijuru riha agaciro — kugira ngo azubahe Imana kandi aheshe abandi umugisha. {AA 396.2}

Mbega ingororano Hana yahawe! kandi mbega uburyo urugero rwe rutera abantu ubutwari bwo kuba indahemuka! Umubyeyi w'umugore wese yahawe amahirwe afite agaciro katagerwa, ndetse n'ibyiza bitagereranywa. Inshingano zicishije bugufi abagore babona yuko ziruhanyije bakwiriye kuzifata ko ari umurimo w'ingenzi kandi w'icyubahiro. Ni amahirwe y'umubyeyi guhesha isi umugisha kubw'impinduka nziza ashobora guteza, kandi igihe akora ibi, nawe ubwe azizanira amahoro mu mutima. Akwiriye gutegurira abana be inzira zigororotse, zinyura aho umucyo w'izuba umurika no mu gicucu zigana ahera ho mu ijuru. Igihe gusa mu mibereho ye umubyeyi aharanira gukurikiza inyigisho za Kristo, ni ho ashobora kwiringira ko azagorora imico y'abana be igahuza n'uko Imana ishaka. {AA 396.3}

Isi yuzuye n'imbaraga ziganisha mu gusayisha. Ibigezweho n'imigenzo bikurura abasore bikoresheje imbaraga nyinshi. Iyo umubyeyi w'umugoremmu nshingano ze atabashije kwigisha, kuyobora no gucyaha, abana be bazemera ikibi maze batere umugongo icyiza. Nimucyo incuro nyinshi umubyeyi wese asange Umukiza we asenga ati: "Twigishe, mbese dukwiriye kuyobora umwana dute kandi tuzamugenza dute?" Mureke uwo mubyeyi yumvire amabwiriza Imana yatanze mu Ijambo ryayo, bityo azahabwa ubwenge nk'uko abukeneye. {AA 397.1}

"Maze uwo mwana Samweli arakura, atona imbere y'Uwiteka n'imbere y'abantu." Nubwo Samweli yamaze imyaka y'ubuto bwe mu ihema ry'ibonaniro aramya Imana, ntiyaburaga guhura n'imbaraga z'ibibi zimukurura cyangwa kubona ingero z'abakora ibyaha. Abana ba Eli ntibubahaga Imana, kandi nta nubwo bubahaga se; ariko Samweli ntiyagendanye na bo cyangwa ngo akurikize inzira zabo mbi. Yahoraga yihatira kuba nk'uko Imana ishaka. Aya ni amahirwe ya buri musore. Imana inezezwa n'iyo n'abana bato biyeguriye kuyikorera. {AA 397.2}

Samweli yari yararereshejwe Eli, kandi imico ye yakundwaga yatumye uwo mutambyi wari ugeze mu zabukuru amukunda. Samweli yaritondaga, akagira ubuntu, akumvira kandi akubaha. Eli waterwaga agahinda n'ubugoryi bw'abahungu be, yaboneye ikiruhuko, guhumurizwa ndetse n'umugisha mu kubana n'uwo mwana yareraga. Samweli yari ingirakamaro kandi akaba umugwaneza. Nta mubyeyi w'umugabo wigeze

akunda umwana we nk’uko Eli yakunze uwo musore. Ntabwo cyari ikintu gisanzwe ko hagati y’umucamanza mukuru w’ishyanga n’umwana woroheje haba urukundo nk’urwo. Ubwo intege nke z’ubusaza zafataga Eli, kandi agaterwa intimba n’umubabaro n’ibibi abana be bakoraga, yagarukaga kuri Samweli akagira ihumure. {AA 397.3}

Ntabwo byari bisanzwe ko Abalewi bajya gukora inshingano zabo bataragera ku myaka makumyabiri n’itanu y’ubukuru, ariko Samweli we ntiyarebwe n’iri tegeko. Uko umwaka utashye yagirirwaga icyizere cyo guhabwa izindi nshingano zirutaho kuba ingenzi; kandi akiri umwana, yambitswe efodi y’igitare iba ikimenyetso cy’uko arobanuriwe gukora mu buturo bwera. Nubwo yari muto ubwo yajyanwaga gukora mu ihema ry’ibonaniro, Samweli yari afite imirimo yagombaga gukora mu murimo w’Imana hakurikijwe ubushobozi bwe. Iyo mirimo mbere na mbere yabaga icishije bugufi, kandi ntihore ishimishije, ariko yayikoranaga ubushobozi bwe bwose ndetse n’umutima ukunze. Kuyoboka Imana kwe kwagaragariraga mu byo yakoraga byose mu buzima bwe. Yari azi yuko ari umugaragu w’Imana kandi yuko n’umurimo akora ari uw’Imana. Ibyo yakoraga byose byaremerwaga bitewe n’uko byaturukaga ku rukundo akunda Imana n’ubushake nyakuri bwo gukora ibyo ishaka. Uko ni ko Samweli yahindutse ukorana n’Umwami w’ijuru n’isi. Imana nayo yamuhaye ibikwiriye byose kugira ngo akorere ishyanga rya Isiraheli umurimo ukomeye. {AA 397.4}

Iyaba abana bigishwaga gufata inshingano bahabwa yoroheje ya buri munsi nk’inzira bayobowemo n’Imana, cyangwa nk’ishuri bagomba gutorezwamo gukora umurimo wizewe kandi utanga umusaruro, mbega uko umurimo wabo warushaho kuba ushimishije kandi wubahwa. Gukora inshingano yose nk’uyikorera Uwiteka, bikundisha umuntu umurimo ucishije bugufi kuruta indi kandi bigahuza abakozi bakorera ku isi n’abamarayika bera bakora ibyo Imana ishaka mu ijuru. {AA 397.5}

Kugera ku ntego muri ubu buzima, kugera ku ntego mu gusingira ubugingo bw’ahazaza, bishingiye ku kwita ku bintu bito udahemuka kandi ubishimikiriye. Gukora ibitunganye bigaragarira mu bintu byoroheje kuruta ibindi, ntabwo ari mu bikomeye cyane byo mu murimo w’Imana. Amaboko yahanitse imibumbe mu kirere ni yo yaremanye ubuhanga uturabyo duto two mu murima. Kandi nk’uko Imana itunganye mu byo yaremye, ni natwe dukwiriye gutungana mu byo dukora. Imico itunganye kandi ihamye yubakwa n’ibikorwa buri muntu akora mu nshingano ye. Kandi ubudahemuka bukwiriye kuranga imibereho yacu mu bintu byoroheje kimwe no mu bikomeye. Kuba indahemuka mu bintu byoroheje, gukora ibikorwa bito nta buryarya n’ibikorwa bito by’ineza, bizana umunezero mu nzira yo kubaho; kandi imirimo yacu ku isi nirangira, bizagaragara yuko inshingano yose mu nshingano nto zakoranywe ubudahemuka, yatumye habaho guhinduka kwerekeza mu byiza — akaba ari impinduka idashobora kuzimangana. {AA 398.1}

Urubyiruko rwo muri iki gihe rushobora kuba urw’agaciro kenshi mu maso y’Imana nk’uko Samweli yari. Kubwo gukomera ku butungane bw’imibereho yabo ya Gikristo, babasha gukora ibikomeye mu murimo w’ubugorozi. Abantu nk’aba barakenewe muri iki gihe. Imana ifitiye buri wese muri bo umurimo agomba gukora. Nta gihe na kimwe abantu bigeze bagira umusaruro mwinshi bakorera Imana n’abantu, kurusha uwagerwaho muri iki gihe n’abantu bazaba indahemuka ku byo Imana yabashinze.

{AA 398.2}

I

GICE CYA 56 - ELI N’ABAHUNGU BE

Eli yari umutambyi n’umucamanza mu Bisirayeli. Yari afite imyanya yo hejuru cyane kandi ikomeye mu bwoko bw’Imana. Nk’umuntu wari waratoranyijwe n’Imana kugira ngo akore inshingano zera z’ubutambyi, kandi akaba yarategekaga igihugu cye nk’umucamanza mukuru, yafatwaga nk’icyitegererezo, kandi yari umutegetsi ukomeye cyane w’imiryango y’Abisiraheli. Nyamara nubwo yari yarashyiriweho kuyobora abantu, ntiyategekaga ab’urugo rwe. Eli yari umubyeyi utagira igitsure. Kubera yakundaga amahoro n’umutuzo, ntabwo yakoreshaga ubutware kugira ngo akosore imico mibi n’irari by’abana be. Aho kubabuza cyangwa ngo abahane, yarabihoreraga bakikorera ibyo bishakiye. Aho gufata uburere bw’abahungu be nk’imwe mu nshingano ze zikomeye, ubwo burere yabufataga nk’ikintu cy’agaciro gake. Uwo mutambyi kandi wari n’umucamanza w’Abisiraheli ntiyari yarahishwe inshingano ze zo kuyobora abana Imana yari yaramuhaye ngo abarere. Ariko Eli yirengagije iyo nshingano kuko yamusabaga kurwanya ubushake bw’abahungu be, kandi byari kuba ngombwa ko abahana akagira n’ibyo ababuza. Adatekereje ku ngaruka zikomeye zajyaga gukurikiraho, yaretse abana be bakora ibyo bashaka byose maze ntiyita ku murimo wo kubategurira gukorera Imana no gukora inshingano z’ubuzima. {AA 399.1}

Imana yari yaravuze kuri Aburahamu iti: “Kuko icyatumye mumenya, ari ukugira ngo ategeke abana be n’abo mu rugo rwe bazakurikiraho, gukomeza mu nzira y’Uwiteka, bakora ibyo gukiranuka baca imanza zitabera, . . .” (Itangiriro 18:19). Nyamara Eli we yemereye kumutegeka. Umubyeyi yasigaye ayoborwa n’abana be. Umuvumo wo kugomera Imana wagaragariraga mu gusayisha no mu bibi byarangaga imikorere y’abahungu ba Eli. Abahungu be ntibari bazi neza imico y’Imana cyangwa kwera kw’amategeko yayo. Umurimo w’Imana bari barawugize ikintu cy’akamenyero kuri bo. Guhera bakiri bato bari baramenyereye ubuturo bwera n’imihango yabukorerwagamo;

ariko aho kugira ngo barusheho kubaha, ntibari bacyita na hato ku kwera kwabwo n’icyo bwashushanyaga. Se w’abo bana ntiyari yarabakosoye ngo abereke ko bakeneye kubaha ubuyobozi bwe, ntiyari yarababujije gusuzugura imihango yakorerwaga mu buturo bwera. Bityo ubwo bari bamaze kuba abagabo, bari bamaze kuzurwamo n’imbuto mbi zo guhinyura no kwigomeka. {AA 399.2}

Nubwo batari bakwiriye na gato gukora uwo murimo, bagizwe abatambyi mu buturo bwera ngo bakorere Imana. Uwiteka yari yaratanze amabwiriza yumvikana neza yerekeye gutamba ibitambo; ariko abo bagabo b’inkozi z’ibibi bajyanye ingeso zabo mbi zo gusuzugura ubuyobozi mu murimo w’Imana, bityo ntibita ku mategeko yo gutamba ibitambo byagombaga gutambwa mu buryo burimo kwigenegsera cyane. Ibitambo, byerekezaga ku rupfu rwa Kristo, byari bigamije gukomereza mu mitima y’abantu kwizera Umucunguzi uzaza. Ku bw’ibyo, byari ingenzi cyane yuko amabwiriza y’Imana abyerekeye akurikizwa nta gukebakeba. Ibitambo by’uko abantu bari amahoro byari uburyo bwihariye bwo gushima Imana. Muri ibyo bitambo urugimbu rwonyine nirwo rwagombaga gutwikirwa ku gicaniro; umugabane runaka wabikirwaga abatambyi, ariko umugabane munini wagasubizwaga uwabaga yazanye iryo turo kugira ngo awusangire n’inshuti ze mu munsi mukuru w’ibitambo. Uko ni ko imitima yose, ishima kandi yizeye, yagombaga kwerekezwa ku Gitambo gikomeye cyajyaga gukuraho icyaha cy’abari mu isi. {AA 399.3}

Aho kugira ngo abahungu ba Eli bite ku kwera k’uwo muhango wagiraga icyo ushushanya, batekereje gusa uko bawugira uburyo bwo guhaza irari no kwifuza byabo. Ntabwo banyurwaga n’umugabane bari bagenewe wavaga ku gitambo cy’ituro umuntu atuye ry’uko ari amahoro, maze bagasaba kongerwa ibindi. Ibitambo byinshi byatangwaga mu minsi mikuru y’umwaka byatumaga abatambyi babona urwaho rwo kwikungahaza mu by’abantu babaga batanze. Ntabwo bene Eli basabaga ibireze ibyo bafitiye uburenganzira gusa, ahubwo bangaga no gutegereza ko urugimbu rubanza koswa nk’igitambo gituwe Imana. Bakomeza kwaka umugabane uwo ari wo wose ubashimishije, kandi ibo bawubimaga, bakangishaga yuko barawutwara ku nabi. {AA 400.1}

Ntibyatinze uko kutubaha iby’Imana gukozwe n’abatambyi kwambuye uwo muhango ubusobanuro bwawo bwera kandi bw’ingenzi, maze bitera “abantu kuzinukwa igitambo cy’Uwiteka.” Ntibari bakizirikana igitambo gikomeye cyashushanywaga bagombaga gutegereza. “Nuko rero icyaha cy’abo basore kirakomera cyane imbere y’Uwiteka.” {AA 400.2}

Abo batambyi batari intungane bicaga n’amategeko y’Imana kandi basuzuguza umurimo wabo wera kubw’ingeso zabo mbi n’ibikorwa by’urukozasoni. Nyamara bakomeje guhumanya ihema ry’ibonaniro kubwo kuribamo kwabo. Abantu benshi,

bamaze kurakazwa n’ibikorwa byanduye bya Hofuni na Finehasi, barekeye aho kujya bajya aho basengera. Uko ni ko umurimo Imana yari yaritoranyirije wateshejwe agaciro kandi urasuzugurwa bitewe n’uko wavanzwemo ibyaha by’abantu b’inkozi z’ibibi, mu gihe abari bafite imitima yoramye mu kibi bari binangiriye mu cyaha. Kutubaha Imana, gusayisha mu bibi ndetse no gusenga ibigirwamana byariganje mu buryo buteye ubwoba. {AA 400.3}

Eli yari yarakoze icyaha gikomeye cyane ubwo yemereraga abahungu be gukora umurimo wera. Eli yajyaga abababarira mu byo bakoze yitwaje impamvu cyangwa iyi, nyuma ntiyaba akibona ibyaha byabo. Ariko amaherezo bageze aho se adashobora gukomeza kwirengagiza urugomo rw’abahungu be. Abantu bivovoteraga ibikorwa byabo by’urugomo, maze bituma uwo mutambyi mukuru agira agahinda arababara cyane. Ntabwo yari agishobora gukomeza guceceka. Nyamara abahungu be bararezwe ku buryo badatekereza ku wundi muntu uwo ari we wese uretse kwizirikana ubwabo, bityo ntibagire undi bitaho. Babonaga agahinda se afite, ariko imitima yabo yari inangiye ntiyababara. Bumvaga imiburo ye abinginga, ariko ntibabyitaho cyangwa ngo bahindure imikorere yabo mibi nubwo babaga baburiwe ingaruka z’ibyaha byabo. Iyo Eli acira abahungu be babi urubanza rutabera, baba barakuwe mu murimo w’ubutambyi bagahabwa igihano cyo kwicwa. Ariko atinye yuko aramutse abigenje atyo abantu babagaya kandi bakabaciraho iteka, yabarekeye mu mirimo yera y’inshingano zikomeye. Yakomeje kubareka bavanga ibibi byabo n’umurimo wera w’Imana kandi bakomeretsa ukuri ku buryo na nyuma y’imyaka myinshi icyo gikomere kitari guhanagurika. Ariko nubwo umucamanza w’Abisiraheli yirengagije umurimo we, Imana yarabihagurukiye. {AA 400.4}

“Bukeye haza umuhanuzi w’Imana, asanga Eli aramubwira ati: ‘Uwiteka avuze ngo: ‘Mbese siniyeretse umuryango wa so, bakiri muri Egiputa mu buretwa bw’inzu ya Farawo? Sinamutoranije mu miryango yose y’Abisirayeli nkamugira umutambyi wanjye, akajya ku gicaniro cyanjye koserezaho imibavu, akajya yambara efodi imbere yanjye? Kandi sinahaye umuryango wa so, ibitambo byose by’Abisirayeli byokejwe mu muriro? None ni iki gituma mutera imigeri ibitambo n’amaturo nategetse kuntambirira mu nzu yanjye, ukubaha abahungu bawe kubandutisha, mukitungisha ibyiza byo mu bitambo byose by’ubwoko bwanjye bwa Isirayeli ngo muhonjoke?’ Ni cyo gitumye Uwiteka Imana ya Isirayeli ivuga iti: ‘Ni ukuri nari navuze yuko ab’inzu yawe n’ab’inzu ya so bazajya bagendera imbere yanjye iteka ryose’, ariko none Uwiteka aravuze ngo: ntibikabeho; kuko abanyubaha ari bo nzubaha, ariko abansuzugura bazasuzugurwa. . . . Nzaherako nihagurukirize umutambyi wiringirwa, uzakora nk’ibyo mu mutima wanjye n’ibyo nibwira. Kandi nzamwubakira inzu ikomeye, azagendera mu maso y’uwo nimikishije amavuta iminsi yose.” {AA 400.5}

Imana yashinje Eli icyaha cyo kubaha abana be kuyiruta. Eli yatumye amaturo

yashyizweho n’Imana ngo abere Abisiraheli umugisha ahinduka ikintu cyo kwangwa, aho gukoza abana be isoni kubw’ibikorwa byabo byanduye kandi bizira. Abantu bajya iyo imitima yabo iberekeza, maze mu rukundo rw’ubuhumyi bakunda bana babo, bakabareka bakanezeza ibyifuzo byabo byo kwikanyiza, kandi ntibazirikane ubutware bw’Imana ngo bacyahe icyaha kandi bakosore ibibi, baba bagaragaza yuko bubaha abana babo b’inkozi z’ibibi kuruta uko bubaha Imana. Bahangayikishwa cyane no gukingira icyubahiro cyabo aho guhesha Imana ikuzo. Bifuza cyane kunezeza abana babo aho kunezeza Imana no kurinda umurimo wayo ikibi cyose. {AA 401.1}

Eli wari umutambyi n’umucamanza w’Abisiraheli, Imana yamubaragaho imico mbonera ndetse n’iby’umwuka by’ubwoko bwe, kandi mu buryo bw’umwihariko yari ashinzwe imico y’abahungu be. Eli yari akwiriye kubanza kugerageza gukoma mu nkokora ikibi akoresheje uburyo bworoshye; ariko ibyo byananirana agahagarika ikibi akoresheje ibyemezo bikomeye kuruta ibindi byose. Yababaje Imana bitewe no kudacyaha icyaha ndetse no gukoresha ubutabera ku banyabyaha. Ntabwo aba yarishingikirijweho mu gutuma Abisiraheli baba intungane. Abantu bagira umuhati muke mu gucyaha ikibi, cyangwa byaterwa no kutagira icyo bitaho ntibashishikarire kweza umuryango cyangwa itorero ry’Imana, babarwaho ibibi bibasha gukomoka muri uko kutita ku nshingano yabo. Tubarwaho ibyaha twajyaga gushobora kubuza abandi gukora dukoresheje ubushobozi bw’ababyeyi ku bana cyangwa ubw’abayobozi ku bizera, nk’aho ari twe twabikoze. {AA 401.2}

Eli ntiyayoboye ab’urugo rwe akurikije amabwiriza Imana yatanze yerekeye uko umuryango ukwiriye kuyoborwa. Yakurikije ubwenge bwe bwite. Uwo mubyeyi yirengagije amafuti n’ibyaha by’abahungu be kuva bakiri bato, akishuka yibwira ko nyuma y’igihe runaka bazaca akenge bakareka ibibi byabo. Muri iki gihe abantu benshi kbakora ikosa nk’iryo. Batekereza ko bazi uburyo bwiza bwo kurera abana babo buruta ubwo Imana yatanze mu Ijambo ryayo. Bashimangira ingeso mbi muri abo bana, bagatanga urwitwazo bavuga ngo “baracyari bato cyane ntibahanwa. Reka dutegereze kugeza igihe bazakurira, kandi bashobore kugirwa inama.” Uko ni ko ingeso mbi zirekwa zigakomera kugeza ubwo zihinduka kamere ya kabiri. Abana bakura batagira icyo babuzwa, bagakurana imico izababera umuvumo uzabakurikirana mu mibereho yabo yose, kandi ishobora kuzagaraga no mu bandi.

{AA 401.3}

Nta muvumo ukomeye uba mu miryango uruta kureka urubyiruko rugakora ibyo rwishakiye. Iyo ababyeyi babonye ibyifuzo byose by’abana babo maze bakabera bakishimisha mu byo bazi ko atari byiza kuri bo, bidatinze abana bareka rwose kubaha ababyeyi babo, bakareka kuzirikana ubutware bw’Imana cyangwa ubw’abantu, maze bakajyanwa mu buretwa gukora ibyo Satani yifuza. Ibikorwa by’umuryango udafite

uburere bwiza bikwira hose kandi bigateza akaga bantu. Bikoranya umuraba w'ibibi byangiza ingo, imiryango n'igihugu. {AA 401.4}

Kubera umwanya Eli yari afite, ibikorwa byarushijeho kuba gikwira kuruta uko yari kuba ari umuntu usanzwe. Imibereho y'umuryango we yiganwe n'abantu benshi muri Isiraheli yose. Ingaruka mbi zo kwirengagiza kwe, no gukabya koroshya ibintu zagaragaye mu miryango ibihumbi byinshi yiganye urugero rwe. Iyo abana baretswe bagakora ibibi kandi ababyeyi bavuga ko bizera Imana, ukuri kw'Imana kuragawa. Ikimenyetso kiruta ibindi kiranga Ubukristo bw'umuryango ni ubwoko bw'imico ikomoka mu mikorere yawo. Ibikorwa birangurura kurusha imvugo nziza cyane ivuga uburyo umuntu yubaha Imana. Niba abavuga ko bizera badakoresha umuhati wabo badacogora, badakebakeba kandi bihanganye kugira ngo bagire umuryango ugendera kuri gahunda ngo bibe igihamya cy'ibyiza bikomoka ku kwizera Imana, ahubwo bakaba ntacyo bitaho mu miyoborere yabo no ku guhaza ibyifuzo bibi by'abana babo, baba bakora nk'uko Eli yakoraga, ndetse baba bakoza isoni umurimo wa Kristo kandi bakizanira kurimbuka bo n'imiryango yabo. Ariko uko ibibi bikomoka ku kutaba indahemuka kw'ababyeyi biba bikomeye mu buryo ubwo ari bwo bwose, ibyo bibi byikuba incuro cumi kurutaho iyo bibaye mu miryango y'abashyizweho ngo babe abigisha b'ubwoko bw'Imana. Iyo bene abo bananiwe kuyobora ingo zabo bwite, bitewe n'urwo rugero rubi, bayobya abantu benshi. Icyaha cyabo gikomeye cyane kuruta icy'abandi kubera ko n'inshingano yabo isumba iy'abandi. {AA 402.1}

Hari haratanzwe isezerano ko abo mu nzu ya Aroni bazagendera imbere y'Uwiteka ibihe byose; nyamara iri sezerano ryari ryaratanzwe hashingirwa ku cyasabwaga cy'uko bagombaga kwitangira gukora umurimo wo mu buturo bwera n'umutima wabo wose kandi bakubaha Imana mu buryo bwose, ntibakurikize inarinjye yabo cyangwa ibibi imitima yabo irarikira. Eli n'abahungu be barageragejwe, maze Uwiteka abona ko badakwiriye rwose kuba mu nshingano zikomeye z'abatambyi mu murimo we. Bityo Imana yaravuze iti: "Ndabazinutswe." Ntabwo Imana yashoboraga gusohoza ibyiza yari yarabavuzeho, kubera ko bananiwe gukora inshingano yabo. {AA 402.2}

Urugero rutanga n'abakora mu byera rwari rukwiriye kuba urutera abantu kubaha Imana no gutinya kuyitukisha. Iyo abantu, bahagaze "mu cyimbo cya Kristo" (2Abakorinto 5:20) kugira ngo babwire abantu ubutumwa bw'Imana bw'imbabazi no kwiyunga, maze bagakoresha umuhamagaro wabo wera nk'igitwikirizo kugira ngo bahaze kamere n'irari byabo, baba bihinduye ibikoresho byiza bya Satani. Nk'uko byagenze kubwa Hofuni na Finehasi, batera abantu "kuzinukwa igitambo cy'Uwiteka." Bashohora gukora ibyaha rwihishwa mu gihe runaka, ariko iyo igihe kigeze ingeso zabo nyakuri zikajya ahagaragara, ukwizera kw'abantu kurahungabana ku buryo akenshi ibyo bibyara gutera icyizere ibyo kuyoboka Imana. Mu ntekerezo z'abantu hasigaramo kuzinukwa abantu bose bavuga ko bigisha Ijambo ry'Imana. Ubutumwa

bw’umugaragu nyakuri wa Kristo bwakiranwa gushidikanya. Ikibazo gihora kibazwa kiba iki ngo: “Aho uyu muntu ntazaba nka wa wundi twatekerezaga yuko ari intungane maze hanyuma tugasanga ari inkozi y’ibibi?” Bityo ijambo ry’Imana ritakaza imbaraga zaryo ku mitima y’abantu. {AA 402.3}

Mu gucyaha abahungu be, Eli yavuze amagambo akomeye kandi ateye ubwoba; amagambo abantu bose bakora mu byera bakwiriye gutekerezaho neza: “Umuntu nacumura ku wundi, umucamanza azamucira urubanza; ariko se umuntu nacumura ku Uwiteka, ni nde uzamumwitwariraho?” Iyo ibyaha bya bene Eli bibabaza abantu gusa, umucamanza yajyaga kubunga agashyiraho ibihano kandi akabaca indishyi; maze abafudikiye abandi bakababarirwa. Cyangwa iyo badahamwa n’icyaha cyo kutizera, baba baratambiwe igitambo cyo guhongerera icyaha. Ariko ibyaha byabo byari bisobekeranyije n’umurimo wabo w’abatambyi b’Isumbabyose, mu gutamba igitambo cy’ibyaha, umurimo w’Imana waratutswe kandi usuzuguzwa imbere y’abantu, bituma nta mpongano yajyaga kubatangirwa ngo yemerwe. Nubwo se yari umutambyi mukuru, ntiyahangaye kubasabira; ntiyashoboraga kubakingira umujinya w’Imana izira inenge. Mu banyabyaha bose, abariho urubanza kurusha abandi ni abasuzugura uburyo Imana yatanze bwo gucungura umuntu, “kuko baba bongeye kwibambira umwana w’Imana, bakamukoreza isoni ku mugaragaro.” Abaheburayo 6:6. {AA 403.1}

IGICE CYA 57 - ISANDUKU Y'ISEZERANO INYAGWA N'ABAFILISITI

Hari undi muburo wagombaga guhabwa ab'inzu ya Eli. Imana ntiyari ikivugana n'umutambyi mukuru ndetse n'abana be. Ibyaha byabo byari bimeze nk'igicu cya rukokoma, byari byarakingiranye Mwuka Muziranenge wayo. Nyamara hagati muri ibyo bibi bya bene Eli, umwana Samweli we yakomeje kuba indahemuka ku Mana, maze ubutumwa buciraho iteka inzu ya Eli buhabwa Samweli nk'umuhanuzi w'Isumbabyose. {AA 404.1}

"Kandi muri iyo minsi ijambo ry'Imana ryari ingume, nta kwerekwa kwari kweruye. Icyo gihe Eli yari atangiye guhuma, atakibona. Bukeye mu maryama, ajya ku buriri bwe; itara ry'Imana ryari ritarazima, kandi Samweli yari aryamye mu rusengero rw'Uwiteka, aho isanduku y'Imana iba. Maze Uwiteka ahamagara Samweli." Agira ngo iryo jwi ni irya Eli, maze uwo mwana yihutira kujya aho uwo mutambyi yari aryamye, maze aravuga ati: "Nditabye kuko umpamagaye." Eli aramusubiza ati: « Sinaguhamagaye; subira kuryama. » Samweli yahamagawe gatatu kose kandi nawe yitaba gatatu atyo. Uwiteka yari yaretse kuvugana n'umugaragu we yitoranyirije, umusaza wari ufite imvi maze ajya kuvugana n'umwana muto. Ibi ubwabyo byari ugucyaha gukomeye nyamara gukwiriye kwari guhawe Eli n'ab'inzu ye. {AA 404.2}

Nta gomwa cyangwa ishyari byaje mu mutima wa Eli, ahubwo yabwiye Samweli uko arasubiza niyongera guhamagarwa. Yamubwiye gusubiza ati: «Uwiteka, vuga kuko umugaragu wawe nteze amatwi." Iyindi nshuro, uwo mwana yongera kumva rya jwi maze arasubiza ati : "Umbwire, kuko umugaragu wawe nteze amatwi." Samweli yari afite ubwoba bwinshi butewe no gutekereza ko Imana ikomeye ibasha kuvugana nawe ku buryo atibutse neza amagambo Eli yari yamubwiye kuvuga. {AA 404.3}

"Nuko Uwiteka abwira Samweli ati: 'Dore nzakora ikintu mu Isirayeli, uzacyumva wese amatwi azacura injereri. Uwo munsi nzasohoreza Eli ibyo navuze ku nzu ye byose, uhereye mu itangira ryabyo ukageza mu iherezo ryabyo. Namubwiye ko nzacira inzu ye urubanza rw'iteka ryose, mbahora gukiranirwa yamenye, kuko abahungu be bizaniye umuvumo, ntababuze. Ni cyo cyatumye ndahirira inzu ya Eli nti : 'Icyaha cy'inzu ya Eli ntikizahongererwa icyiru cy'igitambo cyangwa amaturo iteka ryose." {AA 404.4}

Mbere y'uko ahabwa ubwo butumwa bwari buvuye ku Mana, « Samweli yari ataramenya Uwiteka, kandi ntiyari yagahishurirwa ijambo rye. » Ni ukuvuga ko atari amenyereye uko kwigaragaza kutaziguye k'ubwiza bw'Imana nk'uko byabaga ku bahanuzi. Wari umugambi w'Imana kumwihishurira mu buryo butunguranye kugira ngo Eli abashe kubyumva binyuze mu gutangara no kwibaza by'umusore Samweli. {AA

404.5}

Samweli yuzuwe n’ubwoba no gutangara bitewe n’ubwo butumwa buteye ubwoba cyane yari ahawe. Mu gitondo yagiye gukora imirimo ye nk’uko bisanzwe, ariko afite umutwaro uremereye cyane umutima we w’umwana. Uwiteka ntiyari yamutegetse kuvuga iyo nkuru y’incamugongo; ni yo mpamvu yicecekeye, akora uko ashoboye yirinda kubonana na Eli. Yahinze umushyitsi atekereje yuko hari uwamubaza ibibazo byatuma avuga iteka Imana yari yaciriyeho umuntu yakundaga kandi yubahaga. Eli ntiyashidikanyije yuko ubwo butumwa buhanura ibyago bikomeye bizamubaho we n’inzu ye. Yahamagaye Samweli maze amutegeka kumubwira amweruriye ibyo Uwiteka yari yamuhishuriye. Uwo musore yaramwumviye, arabimubwira maze uwo musaza aca bugufi agaragaza ko yemeye iteka yaciriweho. Yaravuze ati: “Ni Uwiteka: nakore icyo ashaka.” {AA 404.6}

Nyamara Eli ntiyagaragaje imbuto zo kwihana. Yemeye icyaha cye ariko ntiyakireka. Hashize imyaka myinshi Uwiteka atinza gusohoza iteka yari yaciriye Eli. Hari byinshi biba byarakozwe muri iyo myaka kugira ngo ibibi bakoze bikosorwe, ariko uwo mutambyi w’umusaza nta cyo yakoze ngo akosore ibibi byangizaga ubuturo bwera bw’Uwiteka kandi bigatera ibihumbi byinshi by’Abisiraheli kurimbuka. Kwihangana kw’Imana kwatumye Hofuni na Finehasi banangira imitima yabo maze barushaho gusaya mu byaha. Eli yamenyesheje ishyanga ryose ubwo butumwa bw’umuburo no gucyaha bwari bwohererejwe inzu ye. Mu kubigenza atyo, yibwiraga yuko ashobora gukoma imbere ibyago byajyaga guterwa no kwirengagiza yari yaragize. Ariko rubanda ntibita kuri iyo miburo kimwe n’abatambyi. Amoko yari abakikije na yo atari ayobewe ibyaha bikorwa ku mugaragaro mu Bisiraheli, yakomeje gusaya mu byo gusenga ibigirwamana no mu bikorwa by’ubugome. Ntibumvaga hari umutima ubashinja kubw’ibyaha byabo nk’uko byajyaga kugenda iyo Abisiraheli bakomera ku butungane bwabo. Nyamara umunsi wo guhanwa waregerezaga. Ubutware bw’Imana bwari bwararetswe, kuyiramya birarekwa kandi birasuzugurwa, maze biba ngombwa yuko Imana yihagurukira kugira ngo izina ryayo rikomeze guhabwa icyubahiro.

{AA 405.1}

“Bukeye Abisiraheli batera Abafilisitiya, bagandika ahateganye na Ebenezeri. Abafilisitiya na bo bagandika kuri Afeka.” Abisiraheli bagabye icyo gitero batagishije Imana inama, nta n’umutambyi mukuru cyangwa umuhanuzi ubyemeye. “Abafilisitiya biteza urugamba kurwanya Abisiraheli, bagisakirana, Abisiraheli baneshwa n’Abafilisitiya. Muri iyo ntambara bica abagabo nk’ibihumbi bine mu rugamba rw’ingabo z’Abisirayeli.” Izo ngabo zari zineshejwe zakutse umutima zasubiye mu mahema yazo, maze “abakuru ba Isirayeli barabazanya bati: ‘Ni iki gitumye Uwiteka atureka tukaneshwa uyu munsi imbere y’Abafilisitiya?’” Iryo shyanga ryari rigeze aho

rigomba guhabwa ibihano by’Imana, nyamara ntabwo abantu babonye ko ibyaha byabo ari byo byabaye intandaro y’ako kaga gakomeye bagize. Baravuze bati: “Nimuze tujye kwenda isanduku y’isezerano ry’Uwiteka, tuyikure i Shilo tuyizane aha, kugira ngo nigera muri twe idukize amaboko y’ababisha bacu.” Nta tegeko cyangwa uburenganzira Uwiteka yari yaratanze by’uko bajyana isanduku y’isezerano ku rugamba; nyamara Abisiraheli bizeraga ko intsinzi izaba iyabo, maze ubwo abahungu ba Eli bari bayigejeje mu rugerero rwabo, batera hejuru cyane. {AA 405.2}

Abafilisitiya bafataga ko isanduku y’isezerano ari Imana y’Abisiraheli. Ibikorwa bitangaje Uwiteka yari yarakoreye ubwoko byabarwaga ko byakozwe n’imbaraga z’iyo sanduku. Ubwo Abafilisitiya bumvaga urusaku rw’ibyishimo rutewe n’uko iyo sanduku igeze mu rugerero rw’Abisiraheli, baravuze bati: “Urwo rusaku rw’amajwi arenga ruturutse mu rugerero rw’Abaheburayo ni urw’iki? Hanyuma bamenya ko ari isanduku y’Uwiteka isesekaye mu rugerero rwabo. Nuko Abafilisitiya baratinya, kuko bavuze bati: ‘Tubonye ishyano, kuko ibyo bitigeze kubaho! Tubonye ishyano! Ni nde uzadukiza amaboko y’izo mana zikomeye? Izi ni zo mana zateje Abanyegiputa ibyago bitari bimwe mu butayu. Nimukomere, murwane kigabo mwa Bafilisitiya mwe, mutaba ibiretwa by’Abaheburayo nk’uko bari byo. Murwane kigabo.” {AA 405.3}

Abafilisitiya bagaba igitero gikomeye, hanyuma batsinda Abisiraheli, babicamo abantu benshi cyane. Hapfuye abantu ibihumbi mirongo itatu, kandi n’isanduku y’isezerano ry’Imana iranyagwa, abahungu babiri ba Eli bagwa aho bageragerezaga kuyirwanirira. Uko ni ko nanone mu mateka handitswemo igihamya ku bantu bose bagombaga kuzakurikiraho cy’uko icyaha cy’abantu bavuga ko ari ubwoko bw’Imana kitazabura guhanwa. Uko abantu bazi ubushake bw’Imana mu buryo bukomeye, ni ko icyaha cy’ababusuzugura kirushaho gukomera. {AA 406.1}

Abisiraheli bari bagushije ishyano riteye ubwoba cyane ritari ryarigeze kubaho. Isanduku yisezerano ry’Imana yari yafashwe n’abanzi. Ikuzo ry’Uwiteka ryari ryavuye mu Bisiraheli ubwo ikimenyetso cy’uko Uwiteka ari kumwe na bo kandi yuko ubushobozi bwe buri kumwe nabo cyari cyakuwe hagati muri bo. Iyo sanduku yera yari yaragiye igaragarwaho no guhishurwa gukomeye k’ukuri kw’Imana n’ubushobozi bwayo. Mu minsi ya kera, baneshaga mu buryo bw’ibitangaza igihe cyose iyo sanduku yabonekaga. Iyo sanduku yari itwikiriwe n’amababa y’abakerubi bacuzwe mu izahabu, kandi ubwiza bwa Shekina butagira uko buvugwa, bwari ikimenyetso kigaragara cy’Imana isumba byose, cyahoraga hejuru mu cyumba cy’ahera cyane. Ariko noneho ntiyari yatumye banesha. Icyo gihw ntiyari yagaragaje ko ari umurengezi, bityo muri Bisiraheli hose hari imiborogo. {AA 406.2}

Ntabwo bari barabonye ko kwizera kwabo ari ukwizera ko ku izina gusa, bityo kukaba kwarataye imbaraga zako imbere y’Imana. Amategeko y’Imana yabaga muri iyo

sanduku, nayo yari ikimenyetse cy’uko Imana iri kumwe na bo; nyamara bari barasuzuguye ayo mategeko, birengagiza ibyo asaba maze bitera agahinda Mwuka w’Uwiteka ntiyongera kuba muri bo. Igihe abantu bumviraga amategeko yera y’Imana, Uwiteka yabanaga nabo akabafashisha ubushobozi bwe butagerwa; ariko ubwo bitegerezaga isanduku y’isezerano, ntibabone isano ifitanye n’Imana ndetse ntibubahe ubushake bwayo binyuze mu gukurikiza amategeko yayo, iyo sanduku y’isezerano nta kandi kamaro yari kuba ikibafitiye karenze ak’isanduku isanzwe. Bayirebaga nk’uko amahanga yasengaga ibigirwamana yarebaga ibigirwamana byayo. Bicaga amategeko yari muri iyo sanduku kuko gusenga iyo sanduku y’isezerano byabaviriyemo kuba abanyamihango, indyarya no gusenga ikigirwamana. Icyaha cyabo cyari cyarabatandunyije n’Imana, bityo ntiyashoboraga kubaha gutsinda batarihana kandi ngo bareke ubugome bwabo. {AA 406.3}

Ntabwo byari bihagije ko isanduku y’isezerano ndetse ‘ubuturo bwera biba mu Bisiraheli. Ntabwo byari bihagije ko abatambyi batamba ibitambo, kandi ko abantu bitwa abana b’Imana. Ntabwo Imana yita ku gusaba kw’abantu bagundira ibyaha mu mitima yabo. Ibyanditswe biravuga biti: “Uwiziba amatwi ngo atumva amategeko, gusenga kwe na ko ni ikizira.” Imigani 28:9. {AA 406.4}

Igihe ingabo zajyaga ku rugamba, Eli wari impumyi kandi asahaje, yasigaye i Shilo. Yategereje kumenya amakuru y’iyo ntambara ahagaritse umutima, “kuko yari yakuwe umutima cyane n’isanduku y’Imana.” Yicaraga ku irembo ry’ihema ry’ibonaniro, ku nzira, uko bukeye bukira, ahangayitse, ategereje ko hagira intumwa ituruka ku rugamba. {AA 406.5}

Amaherezo Umubenyamini yavuye aho ingabo ziri, “imyenda ishishimuwe, yishyize umukungugu mu mutwe,” azamuka yiruka agana mu murwa. Yaraje ahita kuri uwo musaza wari ku nzira tihutira mu mujyi maze abantu bari betegerezanyije amatsiko ababwira inkuru yo gutsindwa n’uko ingabo zapfuye ari nyinshi.

{AA 406.6}

Amajwi y’imiborogo no kuganya yageze kuri Eli wari utegerereje iruhande rw’ihema ry’ibonaniro. Bamuzaniye iyo ntumwa, maze iravuga iti: “Abisiraheli bahunze Abafilisitiya, habayeho kurimbuka kw’abantu benshi, abahungu bawe bombi Hofuni na Finehasi bapfuye.” Eli yashoboraga kwihanganira ibyo uko byari bibi kose, kuko yari azi ko bizaba. Ariko iyo ntumwa yongeyeho ko n’“isanduku y’Imana yanyazwe,” mu maso ha Eli hagaragaye ishavu ritavugwa. Ntiyashoboye kwihanganira kumva yuko icyaha cye cyasuzujuguje Imana bigatuma ikura ubwiza bwayo ku Bisirayeli. Imbaraga zamushizemo, nuko arahanuka, “akuba ijosi, arapfa.” {AA 407.1}

Umugore wa Finehasi we yubahaga Imana nubwo umugabo we yari inkozi y’ibibi.

Urupfu rwa sebukwe n’urw’umugabo we, ariko cyane cyane inkuru y’incamugongo ivuga yuko isanduku y’isezerano ry’Imana yanyazwe, byatumye apfa. Yumvaga ibyiringiro biheruka by’Abisiraheli byarangiye; maze umwana yari abyaye muri iyo saha y’akaga amwita Ikabodi, cyangwa “icyubahiro kirashize.” Ubwo yendaga guhera umwuka yongeye gusubira muri aya magambo ati: “Icyubahiro gishize kuri Isiraheli kuko isanduku y’Imana inyazwe.” {AA 407.2}

Ariko Uwiteka ntiyari yaretse ubwoko bwe burundu, cyangwa ngo atume abapagani birata intsinzi igihe kirekire. Imana yari yarakoresheje Abafilisitiya ngo babe igikoresho cyo guhana Abisiraheli, maze ikoresha iyo sanduku y’isezerano kugira ngo ihane Abafilisitiya. Mu bihe byari byarashize, ubwiza bw’Imana bwari bwarabaye kuri iyo sanduku kugira ngo bubere imbaraga n’ikuzo ubwoko bwayo bwumviraga. Ubwiza bw’Imana butagaragara bwagombaga kuguma kuri yo, bugatera ubwoba no kurimbuka abicaga amategeko yayo yera. Incuro nyinshi Uwiteka ashobora gukoresha abanzi be gica kugira ngo ahane ubuhemu bw’abitwa ubwoko bwe. Abanyabyaha bashobora kwishimira intsinzi igihe runaka iyo babona Abisiraheli bababazwa n’ibihano, ariko igihe kizagera ubwo na bo bazahanwa n’Imana yera kandi izira icyaha. Ahantu hose abantu bagundiriye kugomera Imana, hazakurikiraho ibihano by’Imana bikomeye kandi bikurikije ukuri. {AA 407.3}

Abafilisitiya bajyanye isanduku y’Imana kuri Ashidodi bagenda banejejwe n’uko batsinze maze bayishyira mu nzu ya Dagoni, imana yabo. Bibwiraga ko imbaraga zabanag n’iyo sanduku kuva mbere kugeza ubwo zizaba izabo, kandi ko kuzihuza n’iza Dagoni byajyaga gutuma ntawabatsinda. Ariko bukeye bwaho, binjiye mu ngoro ya Dagoni, babonye ikimenyetso cyabateye gukuka umutima. Dagoni yari yaguye yubamye imbere y’isanduku y’Uwiteka. Abatambyi ba Dagoni beguye icyo kigirwamana bacyubashye maze bagisubiza mu mwanya wa cyo. Ariko bukeye bwaho basanga cyamenaguritse mu buryo butangaje cyane, na none cyubamye hasi imbere y’isanduku. Igihimba cyo hejuru cy’icyo kigirwamana cyari nk’igihimba cy’umuntu naho igice gisigaye cy’epfo cyasaga n’ifi. Noneho igice gisa n’umuntu cyari cyacitse, hasigaye gusa ahasa n’ifi. Abatambyi na rubanda bakutse imitima; babonye yuko ibyo bintu bitangaje ari ikimenyetso cy’akaga kagiye kubabaho; bo n’ibigirwamana byabo bakarimbukira imbere y’Imana y’Abaheburayo. Noneho bakuye iyo sanduku mu ngoro ya Dagoni maze bayishyira mu nzu ukwayo. {AA 407.4}

Abantu bari batuye ahitwa Ashidodi batewe n’indwara mbi cyane kandi yica. Abantu bibutse ibyago byatejwe mu Misiri n’Imana y’Abisiraheli, bavuze yuko ibyago bafite babitejwe n’isanduku y’Imana yari iwabo. Bafashe umwanzuro wo kuyohereza i Gati. Ariko ibyago birayikurikira, maze abantu bo muri uwo mujyi bayohereza ahitwa Ekuroni. Igeze aho abantu bayakiranye ubwoba bwinshi, baboroga bati: “Bahererekanyije isanduku y’Imana ya Isiraheli; none bayitugejejeho kutwicana n’abantu bacu.”

Batakambiye ibigirwamana byabo ngo bibarinde, nk’uko abantu b’i Gati n’ab’i Ashidodi bari babigenje nyamara umurimbuzi yakomeje umurimo we kugeza ubwo mu mubabaro wabo “umuborogo w’abatuye uwo mujyi wageze mu ijuru.” Abantu batinye gukomeza kuyishyira mu mazu y’abantu, noneho aho yari igeze bayishyira ku gasozi. Hakurikiyeho icyago cy’imbeba, zogoje igihugu, zirimbura imyaka yari ihunitswe n’iyari ikiri mu mirima. Ubwo noneho igihugu cyose cyari kigiye kurimburwa n’cyorezo n’amapfa. {AA 407.5}

Iyo sanduku y’Imana yamaze amezi arindwi mu Bafilisitiya, kandi muri icyo gihe cyose Abisiraheli ntibagerageje kuyigarura. Nyamara Abafilisitiya bo bifuje cyane ikintu cyayibakurira aho nk’uko bari bifuje kuyinyaga. Aho kubabera imvano y’imbaraga, yababereye umutwaro uremereye n’umuvumo ukomeye. Ariko bayobewe icyo bakora kuko aho yageraga hose, ibihano by’Imana byarayiherekezaga. Abantu bahamagaye abatware b’icyo gihugu, abatambyi, n’abapfumu maze barababaza bati: “Iyi sanduku y’Uwiteka tuyigire dute? Mudusobanurire uburyo twayisubiza ahantu hayo.” Bagiriwe inama yo kuyisubizayo bakayijyanana n’ituro ry’igiciro cyinshi cyane ry’impongano y’icyaha. Abatambyi baravuze bati: “Murabona gukira, kandi muzamenya icyatumye ukuboko k’Uwiteka kutaretse kubagwa nabi.” {AA 408.1}

Kugira ngo bakureho ibyago byari byabateye, byari umuco wabaye akarande mu bapagani gukora ishusho ikozwe mu izahabu mu ifeza cyangwa ikindi kintu, io shusho ikaba isa n’icyo kintu cyateje ibyago, cyangwa igice cy’umubiri cyibasiwe n’icyo cyago. Iyo shusho yamanikwaga ku nkingi ndende cyangwa ahantu hagaragara, bityo bigafatwa ko iyo shusho irabarinda ibyago bashushanyije kuri yo muri ubwo buryo. Imigenzo nk’iyo iracyariho mu moko amwe y’abapagani. Iyo umuntu wafashwe n’icyorezo runaka agiye kwivuriza ku ngoro y’ikigirwamana cye, ajyana ishusho y’igice cy’umubiri kirwaye, akakijyana nk’ituro atuye ikigirwamana cye. {AA 408.2}

Bakurikije imihango yariho, abatware b’Abafilisitiya bategetse abantu gukora ibishushanyo by’ibyago byari byabateye. Baravuze bati: “Muture ibibyimba byakozwe mu izahabu bitanu, n’imbeba zacuzwe mu izahabu eshanu, nk’uko umubare w’Abatware b’Abafilisitiya ungana; kuko mwebwe mwese n’abatware banyu mwasangiye icyo cyago.” {AA 408.3}

Abo banyabwenge bazirikanaga imbaraga idasanzwe yari kumwe n’iyo sanduku y’Imana, kandi iyo nta bwenge bari bafite bwo guhanga n’iyo mbaraga. Nyamara ntibagiriye abantu inama ngo bahindukire bareke gusenga ibigirwamana bakorere Uwiteka. Bakomeje kwanga Imana ya Isiraheli nubwo ibyago bikomeye bari batejwe byabahatiraga kumvira ubutware bwayo. Uko ni ko abanyabyaha bashbora kwemezwa n’ibihano Imana ibahaye maze bakabona ko kuyirwanya ari ukurushwa n’ubusa. Bashobora guhatwa bakemera ubushobozi bwayo, ariko mu mutima bayigomera.

Guca bugufi muri ubwo buryo ntibishobora gukiza umunyabyaha. Umuntu agomba kubanza guha Imana umutima we ubuntu bw'Imana bukawukuramo inarijye mbere y'uko kwihana kwe kwemerwa. {AA 408.4}

Mbega kwihangana Uwiteka agirira abanyabyaha! Abafilisitiya basengaga ibigirwamana n'Abisiraheli bari barasubuye inyuma bose hamwe bagezweho n'impano z'ubuntu bw'Imana. Imbabazi zitagaragara ibihumbi cumi zagwaga bucece mu nzira y'abantu b'indashima kandi b'abagome. Buri mugisha wose wababwiraga Imana yawutanze, ntamara ntibitaye ku rukundo rwayo. Kwihangana kw'Imana kwari kwinshi cyane ku bana b'abantu; ariko ubwo binangiraga bakanga kwihana, yabakuyeho uburinzi bwayo. Banze kumvira ijwi ry'Imana mu byo yaremye, mu miburo, inama yabagiriye no gucyaha kw'ijambo ryayo, maze biba ngombwa ko ibabwirira mu bihano yabahaye. {AA 409.1}

Hari bamwe mu Bafilisitiya barwanyije ko Isanduku y'isezerano yasubuzwa aho yaturutse. Uko kuzirikana imbaraga z'Imana ya Isiraheli byari ugukoza isoni ubwibone bw'Abafilisitiya. Ariko "abatambyi n'abapfumu" babujije abantu kutigana uburyo Farawo n'Abanyamisiri binangiye imitima, maze bakizanira ibyago birutaho. Umugambi waje kwemeranywaho na bose waratanzwe ma ze uhit ushyirwa mu bikorwa. Isanduku y'Imana, hamwe n'ituro ry'impongano ricuzwe mu izahabu, babishyira mu igare rishya, kugira ngo hatagira ikintu cyose cyabyanduza. Kuri iryo gare bahambiraho inka ebyiri z'imbyeyi zitigeze gukurura imitwaro. Inyana zazo baziziritse imuhira maze izo nka barazireka ngo zijye aho zishaka. Iyo iyo sanduku y'Imana igaruka mu Bisirayeli inyujijwe i Betishemeshi, umudugudu wari bugufi cyane w'Abalewi, byajyaga kubera Abafilisitiya igihamya cy'uko Imana y'Abisiraheli ari yo yari yabateje ibyo byago bikomeye cyane; baravuga bati: "ariko nibitaba bityo, tuzamenya ko atari ukuboko kwayo kwatwishe nabi, tumenye ko ari ibyago byatugwiririye gusa." {AA 409.2}

Bazirekuye, za nka zisiga izazo maze zinyura mu nzira iromboreza igana i Betishemeshi. Izo nka zitari ziyobowe n'umuntu uwo ari we wese, zakomeje urugendo rwazo nta mahane. Imana yaherekeje isanduku yayo neza, maze iyigeza aho yagombaga kujya mu mahoro. {AA 409.3}

Icyo cyari igihe cyo gusarura ingano, kandi abantu b'i Betishemeshi basaruraga mu kibaya. "Bubuye amaso babona isanduku iradutse; bishimira kuyibona. Nuko igare riza rityo no mu murima wa Yosuwa w'i Betishemeshi, rihagarara aho igitare kinini cyari kiri. Baherako basa imbaho z'igare, batambiraho izo nka ziba igitambo cyoswa cy'Uwiteka." Abatware b'Abafilisitiya bari baherekeje iyo sanduku y'Imana bayigeza "mu rugabano rw'i Betishemeshi" maze babona uko yakiriwe, birangiye basubira Ekuroni. Icyorezo cyari cyateye mu Bafilisitiya nticyakomeza, maze bemera ko ibyago

bari bagize byari igihano cyaturutse ku Mana y’Abisiraheli. {AA 409.4}

Abantu b’i Betishemeshi bihutira gukwiza inkuru y’uko isanduku y’Imana iri iwabo, maze abaturanyi babo baza ari benshi kuyakira ubwo yari igarutse. Iyo sanduku bari bayiteretse ku ibuye ryaje kwifashishwa nk’igicaniro, maze imbere yayo bahatambira Uwiteka ibindi bitambo. Iyaba abo bari baje kuramya barihanye ibyaha byabo, Imana iba yarabahaye imigisha yayo. Nyamara ntibumviraga amategeko yayo uko bikwiye; kandi nubwo bishimiye kugaruka kw’isanduku y’Imana babona yuko ibazaniye ibyiza, ntibari bazi mu by’ukuri kwera kwayo. Aho kugira ngo bategure ahantu hakwiriye ho kuyakirira, barayihoreye iguma mu murima wari umaze gusarurwa. Ubwo bakomezaga gutumbira iyo sanduku yera, kandi bakavuga ku kuntu yagarutse mu buryo bw’igitangaza, batangiye kwibaza aho ubushobozi bwayo butangaje buba. Amaherezo amatsiko arabica, bakuraho ibipfundikizo byayo maze bagerageza kuyifungura. {AA 409.5}

Abisiraheli bose bari barigishijwe gutimya iyo sanduku kandi bakayubaha. Igihe byabaga ngombwa kuyikura ahantu hamwe ikajyanwa ahandi, n’Abalewi ntibari bemerewe kuyireba. Rimwe gusa mu mwaka ni bwo umutambyi mukuru yari yemerewe kureba isanduku y’Imana. Ndetse n’Abafilisitiya b’abapagani ntibari baratinyutse kuyifungura. Aho yajyaga hose yahoraga irinzwe n’abamarayika b’Imana nubwo batagaragaraga. Guhangara ku bwo kuyubahuka kw’abantu b’i Betishemeshi bahise baguhanirwa. Abantu benshi bahise bapfa. {AA 410.1}

Icyo gihano nticyateye abarokotse kwihana icyaha cyabo ahubwo cyabateye gutinya iyo sanduku nk’abatinya abadayimoni. Kubera ko bifuzaga yuko ibavira aho, nyamara batahangara kuyikuraho, abantu b’i Betishemeshi batumye ku b’i Kiriya-Tiyeyarimu babingingira kuza kuyijyana. Abantu b’aho banejejwe no kwakira iyo sanduku yera. Bari bazi ko bagomba kumvira kandi bakaba indahemuka. Bayizanye bishimye cyane maze bayishyira mu nzu ya Abinadabu, Umulewi. Uwo mugabo ashinga umuhungu we Eleyazari kuyirinda, maze ihamara imyaka myinshi. {AA 410.2}

Mu myaka yose uhereye igihe Uwiteka yigaragarizaga bwa mbere umuhungu wa Hana, ishyanga ryose ryaje kwemera ihamagarwa rya Samweli kugira ngo akore umurimo w’umuhanuzi. Igihe Samweli yahaga inzu ya Eli ubutumwa bw’imiburo nta cyo ahishe, nubwo bwari ubutumwa bubabaje kandi buremereye gutanga, Samweli yari agaragaje ubudahemuka bwe buranga intumwa y’Imana; “Uwiteka abana na we ntiyakunda ko hagira ijambo na rimwe rya Samweli rigwa hasi. Nuko Abisiraheli bose, uhereye i Dani ukageza i Berisheba, bamenya ko Samweli yarundukiye mu buhanuzi bw’Uwiteka.” {AA 410.3}

Ishyanga ry’Abisiraheli ryakomeje kutayoboka Imana kandi risenga ibigirwamana, bityo bahabwa igihano cyo gukomeza gukandamizwa n’Abafilisitiya. Muri icyo gihe Samweli

yasuye imidugudu n’imijyi byo mu gihugu cyose, agerageza guhindura imitima y’abantu ngo bahindukirire Imana ya ba Se, kandi ibyo yakoze ntibyabuze kwera imbuto nziza. Bamaze imyaka makumyabini batsikamiwe no gutwazwa igitugu n’abanzi babo, Abisiraheli “batakambiye Uwiteka.” Samweli yabagiriye inama ati: “Niba mugarukira Uwiteka n’imitima yanyu yose, nimwikuremo imana z’abanyamahanga na Ashitaroti, mutunganirize Uwiteka imitima yanyu, abe ari we mukorera musa.” Aha tuhabona ko idini igaragazwa n’ibikorwa no kuyoboka Imana bivuye ku mutima byigishijwe abantu mu bihe bya Samweli, nk’uko Kristo yabyigishaga igihe yari ku isi. Nta buntu bwa Kristo, kubaha Imana by’umuhangobigaragara inyuma nta gaciro byari bifite mu Bisiraheli ba kera. Ni nako bimeze kuri Isiraheli y’iki gihe. {AA 410.4}

Muri iyi minsi, hakenewe ububyutse bwo kwiyegurira Imana mu mutima by’ukuri nk’ubwabaye kuri Isiraheli ya kera. Kwihana ni yo ntambwe ya mbere igomba guterwa n’abantu bose bashaka kugarukira Imana. Nta muntu ushobora gukorera undi uyu murimo. Buri muntu ku giti cye, tugomba kwicisha bugufi imbere y’Imana maze tukareka ibigirwamana byacu. Nitumara gukora ibyo dushoboye gukora byose, Uwiteka azatwereka agakiza ke. {AA 410.5}

Hamwe n’abatware b’imiryango, inteko nini y’abantu yateraniye i Misipa. Aho ni ho biyiririje ubusa bakomeje. Bicishije bugufi bamaramaje, abantu bihana ibyaha byabo; maze nk’igihamya cy’uko biyemeje kumvira amabwiriza amabwiriza bari barumvise, batorera Samweli kuba umucamanza. {AA 410.6}

Abafilisitiya barogoye iyo nteko bibwiye ko Abisiraheli bateranijwe no kujya inama y’intambara, maze bazana ingabo nyinshi zije gutatanya Abisiraheli bataranoza imigambi yabo. Inkuru y’uko Abafilisitiya bageze hafi yateye Abisiraheli ubwoba bwinshi. Abantu binginze Samweli bavuga bati: “Ntuhweme kudutakambirira Uwiteka Imana yacu, kugira ngo idukize amaboko y’Abafilisitiya.” {AA 411.1}

Ubwo Samweli yatambaga umwana w’intama ho igitambo cyoswa, Abafilisitiya barabasatiye ngo barwane. Ubwo ni bwo Ishobora byose yari yaramanukiye ku musozi wa Sinayi ikamanukira hagati y’umuriro n’umwotsi no guhinda kw’inkuba, ya yindi yari yaratandukanyije amazi y’Inyanja Itukura igacira inzira Abisiraheli muri Yorodani, yongeye kwerekana ubushobozi bwayo. Inkuba ikomeye cyane yakubitiye muri izo ngabo zabasatiraga maze imirambo y’abarwanyi bakomeye yuzura aho hantu. {AA 411.2}

Abisiraheli bari bahagaze bacecetse bumiwe, bahinda umushyitsi bafite ibyiringiro n’ubwoba. Babonye urupfu rw’abanzi babo, bamenye ko Imana yemeye kwihana kwabo. Nubwo batari biteguye intambara, bafashe intwaro z’Abafilisitiya bari bapfuye maze bakurikira abirukaga bahunga bagenda babica umugenda kugeza i Betikari. Uko gutsinda gukomeye kwabereye ahantu Abisiraheli bari baranesherejwe n’Abafilisitiya

mu myaka makumyabiri yari ishize, ubwo abatambyi bicwaga n'isanduku y'Imana ikanyagwa. Haba ku bihugu kimwe no ku bantu ku giti cyabo, kubaha Uwiteka ni yo nzira iganisha ku mahoro n'ibyishimo, mu gihe inzira yo kugomera Imana iganisha mu kaga no gutsindwa. Icyo gihe Abafilisitiya baratsinzwe cyane bituma barekura ibihome bari barambuye Abisiraheli kandi birinda kongera kubarwanya hashira imyaka myinshi. Andi mahanga nayo yakurikije urugero rw'Abafilisitiya, maze Abisiraheli bagira amahoro kugeza ubwo ubuyobozi bwa Samweli bwarangiriye. {AA 411.3}

N'uko kugira ngo ibyo bitazibagirana, Samweli yahinze ibuye rinini ry'urwibutso hagati ya Mizipa na Sheni. Yaryise Ebenezeri, "ibuye ry'ubufasha," abwira abantu ati: "Uwiteka yaratuzahuye kugeza n'ubu." {AA 411.4}

IGICE CYA 58 - AMASHURI Y'ABAHANUZI

Imana ubwayo ni yo yigishaga Abisiraheli. Kubitaho kwayo ntikwagarukiraga ku bibagirira umumaro mu by'umwuka gusa. Ikintu cyose cyagiraga icyo gikora ku bwenge bwabo cyangwa ku mibereho myiza y'umubiri, nabyo Imana yabyitagaho, kandi byinjizwaga mu mategeko y'Imana. {AA 412.1}

Imana yari yarategetse Abaheburayo kwigisha abana babo ibyo ibasaba no kubamenyesha ibyo yakoranaga n'ababyeyi babo byose. Iyi yari imwe mu nshingano zihariye umubyeyi wese yabaga afite. Iyi nshingano ntiyagombaga kuba yahabwa undi muntu. Mu mwanya w'abandi bantu, imitima yuje urukundo y'ababyeyi yagombaga gusohokamo amabwiriza agenewe abana babo. Ibitekerezo byerekeye Imana byagombaga kujya bivugwa mu byo banyuramo byose mu buzima bwa buri munsi. Imirimo ikomeye Imana yakoze ubwo yacunguraga ubwoko bwayo ndetse n'amasezerano y'Umucunguzi wajyaga kuza byagombaga kujya bisubirwamo kenshi mu ngo z'Abisiraheli. Gukoresha imvugo igereranya n'ibishushanyo byatumaga ibyo byigisho bishinga imizi mu bwenge bw'abana. Ubwenge bw'abana bwatozwaga kubona Imana mu byaremwe no mu magambo yahishuwe. Inyenyeri zo mu kirere, ibiti n'uburabyo byo mu gasozi, imisozi n'imigezi, byose byavugaga Umuremyi. Umuhango w'ingenzi wo gutamba ibitambo ndetse no kuramya byakorerwaga ku buturo bwera ndetse n'amagambo y'abahanuzi, byose byagaragazaga Imana. {AA 412.2}

Nguko uko Mose yigishirijwe mu rugo rwa gikene i Gosheni; ni nako Samweli yigishijwe na Hana wari wuzuye kwizera; ni ko byagenze kuri Dawidi ari mu i

Betelehemu; ni ko byabaye kuri Daniyeli ubunyage butaramutandukanya n'ababyeyi be. Ubwo burere kandi ni bwo bwaranze imibereho yo mu bwana bwa Yesu Kristo ari i Nazareti; inyigisho nk'izo ni zo Timoteyo akiri umwana yahawe na nyirakuru Loyisi, na nyina Unike, (2Timoteyo 1 :5; 3 :15). Bigishijwe ukuri ko mu Byanditswe Byera. {AA 412.3}

Hari ubundi buryo bwarateganyijwe bwo kwigisha abana. Ubwo buryo bwabaye gushinga amashuri y'abahanuzi. Iyo umwana wo mu kigero cy'urubyiruko yifuzaga gucukumbura biruseho mu kuri kw'ijambo ry'Imana no gushaka ubwenge bukomoka mu ijuru kugira ngo azabe umwigisha mu Bisirayeli, yigaga muri ayo mashuri. Amashuri y'abahanuzi yashinzwe na Samweli kugira ngo abere inkomyi kwangirika kw'imico kwakwirakwiraga, ndetse no gutuma urubyiruko rugira imibereho myiza mu mico myiza no mu by'umwuka, guteza imbere ishyanga biturutse ku kugiha abayobozi n'abajyanama b'impuguke bashoboye, bakora bubaha Imana. Mu rwego rwo gusohoza uyu mugambi, Samweli yateranyije amatsinda y'abasore bitondaga, ari abahanga kandi b'abanyamwete. Babitaga abana b'abahungu b'abahanuzi. Uko abo bana basabanaga n'Imana kandi bakiga ijambo ryayo n'imirimo yayo, ubwenge buva mu ijuru bwongerwaga ku mpano zabo bavukanye. Ntabwo abigisha bari basobanukiwe neza n'ukuri kw'Imana gusa, ahubwo na bo ubwabo bakundaga gushyikirana n'Imana kandi babaga barahawe Mwuka Muziranenge. Bashimishwaga n'uko abantu babubaha kandi bakabagirira icyizere, bibitewe no kuba barize ndetse ari indakemwa. {AA 412.4}

Mu gihe cya Samweli, hariho amashuri nk'ayo abiri. Rimwe ryari i Rama ari ho uwo muhanuzi yari atuye, naho irindi ryari i Kiriyati Yeyarimu aho isanduku y'isezerano yabaga. Andi mashuri yaje gushingwa nyuma. {AA 413.1}

Abigishwa bo muri ayo mashuri baritungaga bakoresheje guhinga cyangwa gukora indi mirimo y'amaboko. Mu Bisirayeli, iyi mirimo ntiyatekerezwaga nk'ikintu kidasanzwe cyangwa gitesha agaciro; ahubwo kureka abana bagakura batazi imirimo y'amaboko y'ingirakamaro byafatwaga ko ari icyaha. Kubw'itegeko ry'Imana, umwana wese yigishwaga umwuga runaka, nubwo yagombaga kwigishirizwa kuzakorera Imana. Benshi mu bigisha b'iyobokamana bakoraga imirimo y'amaboko kugira ngo babone ikibatunga. Ndetse na nyuma cyane mu gihe cy'intumwa, Pawulo na Akwila barubashwe kubera ko babeshwagaho no kuboha amahema. {AA 413.2}

Ibyigisho by'ingenzi muri ayo mashuri byari amategeko y'Imana, ndetse n'amabwiriza yahawe Mose, amateka y'ibyera, indirimbo zera n'ibisigo. Uburyo bw'imyigishirize bwari butandukanye cyane n'ubukoreshwa mu mashuri y'iyobokamana yo muri iki gihe, aho abanyeshuri benshi bayasohokamo bafite ubumenyi buke bwerekeye Imana n'ukuri mu by'idini ugereranyije n'ubwo binjiranye ayo mashuri. Muri ayo mashuri yo mu gihe cya kera, intego yo kwiga kose yari ukumenya ubushake bw'Imana

n’inshingano umuntu yahawe na yo. Mu mateka yera bigaga ibyakozwe n’Uwiteka. Ukuri gukomeye kwagaragazwaga mu bigereranyo kwashyirwaga ahagaragara, kandi ukwizera kwatumaga basobanukirwa n’ipfundo ry’iyo gahunda yose ari ryo Umwana w’intama w’Imana wagombaga gukuraho ibyaha by’abari mu isi. {AA 413.3}

Umwuka wo kwiyegurira Imana ni wo wabarangaga. Ntabwo abanyeshuri bigishwaga gusa inshingano bafite yo gusenga, ahubwo bigishwaga uburyo bwo gusanga, uburyo bwo kwegera Umuremyi wabo, uburyo bwo kumwizera, n’uburyo bwo gusobanukirwa no kumvira inyigisho z’Umwuka we. Intekerezo zera zakuraga ibishya n’ibyakera mu nzu y’ububiko y’Imana, bityo Mwuka w’Imana akagaragarizwa mu buhanuzi no mu ndirimbo yera. {AA 413.4}

Indirimbo zari zibereyeho umugambi wera, zikazamura ibitekerezo bikerekera ku byera, ibitunganye kandi bazahura ubugingo, ndetse zigakangurira ubugingo kwiyegurira Imana no kuyishima. Mbega itandukaniro riri hagati y’umuco wa kera n’inzira nyinshi indirimbo n’umuziki bikunze gukoreshwamo cyane! Ni bangahe bakoresha iyi mpano kugira ngo banezeze inarijye aho kuyikoresha ngo baheshe Imana ikuzo! Gukunda umuziki biyobora abantu badashishoza kwifatanya n’abakunda iby’isi mu materaniro yo kwishimishiriza aho Imana yabujije abana bayo kujya. Muri ubwo buryo, icyari umugisha ukomeye igihe gikoreshejwe nabi, gihinduka kimwe mu bikoresho by’ingirakamaro Satani akoresha agateshura umuntu ku nshingano ye kandi akamubuza kurangamira ibintu bihoraho. {AA 413.5}

Indirimbo ni umugabane umwe wa gahunda yo kuramya Imana ibera mu ijuru, ni yo mpamvu mu ndirimbo zacu zo gusingiza Imana dukwiriye kugerageza kuririmba twigana uko bishoboka kose injyana y’abaririmbyi bo mu ijuru. Kumenyereza ijwi neza ni ikintu cy’ingenzi mu burezi kandi ntibikwiriye kwirengagizwa. Kuririmba ni umugabane wa gahunda yo kuramya Imana, ni igikorwa cyo kuramya kimwe n’isengesho. Umutima ugomba kumva umwuka w’indirimbo kugira ngo uyihe amagambo akwiriye. {AA 413.6}

Mbega itandukaniro riri hagati y’ariya mashuri yigishwaga n’abahanuzi b’Imana n’amashuri yacu yo muri iki gihe! Mbega uburyo hari amashuri make cyane atagendera ku migani n’imigenzo by’ab’isi! Amabwiriza akwiye n’ikinyabupfura kidakebakeba birabuze ku rwego rukomeye. Kutamenya ijambo ry’Imana kuganje mu bavuga ko ari Abakristo guteye ubwoba. Amagambo y’amajyejuru, gutwarwa n’amarangamutima ni byo bikoreshwa mu gutanga amabwiriza yerekeye imico mbonera ndetse n’iyobokamana. Ubutabera bw’Imana n’imbabazi zayo, ubwiza bw’ubutungane n’ingororano yo gukora ibitunganye, kamere mbi cyane y’icyaha n’ingaruka zacyo zitabura; ibyo byose ntibicengezwa ngo bishimangirwe mu bwenge bw’urubyiruko. Incuti mbi zigisha uburyiruko kugendera mu nzira y’ubugome, kwiyonona no gusayisha

mu bibi. {AA 414.1}

Mbese nta byigisho abigisha bo mu gihe cyacu bashobora kwigira ku mashuri ya kera y'Abaheburayo bikabagirira akamaro? Uwaremye umuntu yateganyije ibyamufasha kugira ngo akure mu gihagararo, mu bwenge n'ubugingo. Mu itangiriro Imana yaremye umuntu ku ishusho yayo. Yamuhaye ibimuranga by'agaciro katagerwa. Ubwenge bwe bwari buri kuri gahunda nziza, kandi imbaraga z'ubugingo bwe bwose zaruzuzanyaga. Nyamara gucumura n'ingaruka zabyo byangije izo mpano. Icyaha cyatsembye ishusho y'Imana mu muntu. Inama y'agakiza yateguwe mu rwego rwo kongera kugarura iyi shusho mu muntu, bityo umuntu ahabwa kubaho mu gihe cy'imbabazi. Umugambi ukomeye wo kubaho kwa muntu, ari nawo mugambi uhatse indi yose, ni ukumugarura ku butungane yaremanywe mbere. Umurimo w'ababyeyi n'abigisha igihe bigisha urubyiruko, ni ugukorana n'umugambi w'Imana; kandi igihe bakora batyo, baba ari "abakozi bakorana n'Imana." 1Abakorinto 3:9. {AA 414.2}

Ubushobozi butandukanye abantu bafite, bwaba ubw'ubwenge, ubugingo n'umubiri, babuhawe n'Imana kugira ngo babukoreshe bagere ku rwego rwo hejuru cyane. Nyamara ibi ntibigomba kuba umuco wo kwikanyiza no kuvangura; kuko imico y'Imana ari ubugwaneza n'urukundo ari nayo tugomba kwakira. Ubwenge bwose dufite n'ubushobozi bwose Imana yaduhaye, dukwiriye kubukoresha tugamije gusingiza Uwiteka no kuzahura bagenzi bacu. Muri iyi mikorere tubonamo umurimo utunganye, w'agaciro kandi unejeje cyane. {AA 414.3}

Iyo iryo hame ryitabwaho nk'uko agaciro karyo kabitegeka, hajyaga kubaho guhinduka gukomeye mu myigishirize ikoreshwa mu burezi bwo mu gihe cyacu. Mu mwanya wo kubyutsa ubwibone, imigambi yo kwikuza no guhembera umwuka wo kurushanwa, abigisha bari bakwiriye gukora uko bashoboye kose bagakangurira abigishwa gukunda kugira neza, ukuri, n'ibyiza, bakabatera icyifuzo cyo kugera ku rwego rwo hejuru. Umunyeshuri nyari akwiriye guharanira gukuza impano Imana itanga muri we, atari ukurusha abandi, ahubwo ari ugusohoza umugambi w'Umuremyi no kwakira ishusho ye. Aho kuyoborwa ku ngero ngenderwaho z'ab'isi, cyangwa gukoreshwa n'icyifuzo cyo kwikuza, gipyinagaza kandi gitesha agaciro, ibitekerezo bikwiriye kwerekezwa ku Muremyi, kumumenya no gihinduka nka we. {AA 414.4}

"Kubaha Uwiteka ni ishingiro ry'ubwenge; kandi kumenya Uwera ni ubuhanga." (Imigani 9:10). Umurimo ukomeye ugomba gukorwa mu buzima ni ukubaka imico, kandi kumenya Imana ni rwo rufatiro rw'uburezi nyakuri bwose. Gutanga ubwo bwenge no gutunganya imico ngo ihuze na bwo bikwiriye kuba intego y'umurimo w'umwigisha. Amategeko y'Imana agaragaza imico yayo. Kubw'ibyo umuhimbyi wa Zaburi aravuga ati: "Kuko ibyo wategetse byose ari ibyo gukiranuka;" kandi "amategeko wigishije ampesha guhitamo." (Zaburi 119:172, 104). Imana yatwihishuriye mu ijambo ryayo no

mu byo yaremye. Mu gitabo cyahumetswe n’Imana ndetse n’igitabo cy’ibyaremwe tuhakura kumenya Imana. {AA 414.5}

Ubwenge bugenda buhoro buhoro bumenyera ibyigisho butozwa kuzirikana. Nibuhugira mu bitekerezo rusange byo mu rwego rwo hasi gusa, buzandindira kandi buzacogora. Nibutigera buhangana n’ibibazo by’ingutu, buzagera aho bwenda guhagarika gukura. Nta gihwanyije na Bibiliya ubushobozi bwo kwigisha. Mu ijambo ry’Imana, ni ho ubwenge bukura icyigwa cyimbitse n’imigambi yagutse. Bibiliya ni cyo gitabo cyigisha kurusha ibindi abantu bafite. Yaje ifutse iva mu isoko y’ukuri guhoraho, kandi ukuboko kw’Imana kwarinze ubutungane bwayo ibihe byose. Imurika kure mu gihe cyashize, aho ubushakashatsi bw’abantu bwagerageje ariko ntibugire icyo bugeraho. Mu ijambo ry’Imana ni ho tubona imbaraga zashinze imfatiro z’isi kandi zarambuye ijuru. Aho, ni ho honyine dushobora kubona amateka y’abantu atandujwe n’ishyari cyangwa ubwibone. Aho ni ho handitswe intambara, kuneshwa, no kunesha by’abantu bakomeye cyane bigeze kubaho ku isi. Muri yo ni ho ibibazo bikomeye by’inshingano n’iherezo [by’umuntu] bisobanurirwa. Aho ni ho umwenda utandukanya isi igaragara n’itagaragara ukurirwaho, maze tukabona intambara ihanganishije imbaraga z’icyiza n’ikibi, guhera igihe icyaha cyatangiriye kugera ku kunesha guheruka ko gukiranuka n’ukuri. Nyamara byose byerekana imico y’Imana. Mu kwitegerezanya ubwitonzi ukuri kuri mu ijambo ry’Imana, ubwenge bw’umwigishwa bushyikirana n’ubwenge buhoraho. Kwiga nk’uko ntikuzatunganya imico kandi ngo gutume ihama gusa, ahubwo ntigushobora kunanirwa kwagura no gukomeza imbaraga z’ubwenge. {AA 415.1}

Inyigisho ya Bibiliya ifite impinduka nzima iteza ku kumererwa neza kwa muntu mu byo ahura nabyo byose muri ubu buzima. Bibiliya ihishura amahame abera ibuye ry’imfuruka kugubwa neza kw’igihugu — amahame yomatanye n’imibereho myiza y’umuryango mugari w’abantu kandi akabaari yo arinda umuryango muto. Ayo mahame atariho nta muntu Wabasha kugera ku rwego rwo kuba ingirakamaro, akagira umunezero n’icyubahiro muri ubu buzima, cyangwa ngo yiringire ko azabona ubugingo bw’ahazaza budapfa. Nta mwanya umuntu yagira mu buzima, nta rwego rw’ibyamubayeho inyigisho za Bibiliya zitabera inyigisho z’ingenzi. Ijambo ry’Imana riramutse ryizwe, kandi rigakurikizwa, ryaha isi abantu bafite ubwenge bukora cyane kandi bufite imbaragaziruta izava mu gusesengura ibyigisho ubwenge bwahimbwe n’umuntu bushobora kugeraho. Ubwo bwenge bwatanga abantu b’abanyambaraga kandi bakomeye mu mico, bafite kwitegereza neza ndetse n’intekerezo nzima — abantu bahesha Imana icyubahiro kandi bakabera n’umugisha abatuye isi. {AA 415.2}

Mu kwiga iby’ubuhanga buhanitse naho tuhakura kumenya Imana. Ubumenyi bwa siyansi nyakuri ni ugusobanura inyandiko y’Imana mu byaremwe. Siyansi ikura mu bushakashatsi bwayo ibihamya bifatika bigaragaza ubwenge n’ubushobozi by’Imana.

Gusobanukirwa neza n’igitabo cy’ibyaremwe ndetse n’Ijambo ry’Imana ryanditswe, bituma tumenya Imana binyuze mu kutwigisha iby’ubwenge n’amategeko yo kugira neza Imana ikoresha. {AA 415.3}

Umwigishwa akwiriye kuyoborwa ku kubona Imana mu byaremwe byose. Abigisha bakwiriye kwigana urugero rwa wa Mwigisha Ukomeye, watangaga ibyitegererezo byoroshyaga inyigisho ze abikuye mu byaremwe kandi akarushaho kubicengeza mu bwenge bw’ababaga bamuteze amatwi. Inyoni zabaga ziri mu mashami y’ibiti afite ibibabi byinshi, uburabyo bwo mu bibaya, ibiti birebire, imirima irumbuka, imbuto zimera, ubutaka bw’umutarwe, izuba ry’ikirengarenga rikikiza isi imirasire isa n’izahabu, ibyo byose Yesu yabikoreshaga nk’imfashanyigisho. Yahuzaga imirimo igaragara y’Umuremyi n’amagambo y’ubugingo yavugaga ku buryo igihe cyose ibyo yigishaga byabaga bishyizwe imbere y’amaso y’ababaga bamuteze amatwi, intekerezo zabo zerekeraga ku byigisho by’ukuri yabaga yarahuje n’ibyo babonaga. {AA 415.4}

Gukomera kw’Imana kugaragarira mu mpapuro z’ibyahishuwe, kobonek a no ku misozi miremire, ku bibaya birumbuka no ku Nyanja ngari kandi ifite ubujyakuzimu burebure. Ibyaremwe bibwira umuntu iby’urukundo rw’Umuremyi we. Imana yaduhuje nayo ikoresheje ibimenyetso bitabarika biri mu ijuru no ku isi. Ntabwo iyi si ari agahinda n’umubabaro gusa. Amagambo ngo: “Imana ni urukundo” yanditswe ku rurabo rwose rwumbura, ku mugabane wose w’ururabyo, no ku cyatsi cyose. Nubwo umuvumo w’icyaha wateje isi kumeza amahwa n’ibitovu, ku mahwa hari uburabyo kandi ayo mahwa ahishwe n’uburabyo bwa roza. Ibintu byose biri mu byaremwe bihamya urukundo rw’Imana yacu no kutwitaho bya kibyeyi ndetse n’icyifuzo cyayo cyo kunezeza abana bayo. Ibyo Imana itubuza n’ibyo itegeka ntibigamije kugaragaza ubutegetsi bwayo gusa; ahubwo mu byo ikora byose, iba igamije kugubwa neza kw’abana bayo. Ntibasaba kureka ikintu cyose cyajyaga kubagwa neza baramutse bakigumanye. {AA 416.1}

Igitekerezo cyabaye gikwira mu bantu bamwe kivuga yuko idini itageza abantu ku buzima bwiza cyangwa umunezero muri ubu buzima, ni kimwe mu mafuti akomeye cyane. Ibyanditswe biravuga biti: “Kubaha Uwiteka bitera ubugingo, umwubashye azahora ahaze.” (Imigani 19:23).

{AA 416.2}

“Ni nde ushaka ubugingo, agakunda kurama kugira ngo azabone ibyiza? Ujye ubuza ururimi rwawe rutavuga ikibi, n’iminwa yawe itavuga iby’uburiganya. Va mu byaha ujye ukora ibyiza, ujye ushaka amahoro uyakurikire, kugira ngo uyashyikire.” (Zaburi 34:12-14). Amagambo y’ubwenge ni “ubugingo bw’ababibonye,” kandi ni “umuze muke w’umubiri wabo wose.” Imigani 4:22. {AA 416.3}

Idini nyakuri rituma umuntu agendera mu mategeko y’Imana, yaba ay’umubiri, ay’ubwenge, n’ay’imico mbonera. Ryigisha kwitegeka, gutuza, no kwirinda. Idini rizamura intekerezo z’umuntu, ritunganya ibimushimisha, kandi rigatuma afata imyanzuro iboneye. Rituma umuntu agira umugabane ku butungane bw’ijuru. Kwizera urukundo rw’Imana n’ubuntu bwayo bugenga byose byoroshya imitwaro yo guhagarika umutima n’amaganya. Ryuzuza umutima ibyishimo no kunezererwa ibikomeye cyangwa ibyoroheje. Iyobokamana riganisha ku buzima bwiza, rigatera kurama, kandi riduha kunezezwa cyane n’imigisha yose irikomokaho. Rikingurira ubugingo isoko idakama y’umunezero. Iyaba abantu bose batarahitamo Kristo basobanukirwaga ko afite ikintu cyiza cyane yiteguye kubaha kirenze ibyo bishakira ubwabo. Umuntu yigirira nabi cyane kandi akaba ahohotera ubugingo bwe iyo atekereza kandi agakora ibihabanye n’ubushake bw’Imana. Nta byishimo nyakuri byaboneka mu nzira tubuzwa n’Imana izi ikiza gihebuje ibindi, kandi iteganyiriza ibyiza ibiremwa byayo. Inzira yo kugomera Imana iyobora ku buhanya no kurimbuka; ariko inzira z’ubwenge ni “inzira z’ibinezeza, kandi imigendere yabwo yose ni iy’amahoro.” Imigani 3:17. {AA 416.4}

Gutozwa mu by’umubiri n’iby’umwuka byakorwaga mu mashuri y’Ababeburayo bikwiriye kwigwa mu buryo bwungura. Agaciro k’uko gutozwa ntikitabwaho. Hari isano ikomeye cyane iri hagati y’ubwenge n’umubiri, kandi kugira ngo tubashe kugera ku rwego rwo hejuru mu mico no mu bwenge, amategeko agenga imibiri yacu agomba gukurikizwa. Kugira ngo umuntu agire imico idakebakeba kandi itunganye, imbaraga z’ubwenge n’iz’umubiri zigomba gukoreshwa no gutezwa imbere. Ni ibihe byigwa byaba ingirakamaro ku basore n’urubyiruko byaruta ibifasha umubiri utangaje Imana yaduhaye, ndetse n’iby’amategeko yifashishwa kugira ngo uwo mubiri ukomeze kugira amagara mazima? {AA 417.1}

Muri iki gihe nk’uko byari biri mu bihe by’Abisiraheli, umusore wese akwiriye kwigishwa iby’inshingano zo mu buzima. Buri wese akwiriye kugira ubumenyi bw’umwuga ukoreshwa amaboko ushobora kumutunga igihe bibaye ngombwa. Ibi ni ingenzi atari uburyo bwo kwirinda ingorane zigwirira abantu mu buzima gusa, ahubwo ari n’uko bifite akamaro ku iterambere ry’umubiri, ubwenge n’imico mbonera. Nubwo byaba bizwi neza yuko umuntu atazakenera kwifashisha imirimo y’amaboko, na bwo aba akwiriye kwigishwa gukora. Nta muntu ushobora kugira ubuzima buzira umuze n’umubiri ufite imbaraga adakora imyitozo ngororangingo; kandi gahunda yo gukora mu buryo bwizwe kandi bwateguwe neza ni ingenzi kugira ngo umuntu agire intekerezo zikomeye kandi zikora ndetse n’imico ifite agaciro. {AA 417.2}

Umunyeshuri wese akwiriye kugena igihe runaka ku munsi akagiharira imirimo y’amaboko. Uko ni ko akamenyero ko gukora karemwa muri we kandi umwuka wo kwigirira icyizere n’ubwihaze ugashimangirwa, ari na ko uwo musore aba yikingira ibibi byinshi n’ibikorwa bitesha agaciro kenshi bituruka ku bunebwe. Ibyo byose bikorwa ni

ugukurikiza intego y’ibanze y’uburezi, kuko mu gushishikariza abasore gukora, kudakebakeba n’ubutungane, tuba duhuza n’ubushake bw’Umuremyi. {AA 417.3}

Numureke urubyiruko rusobanukirwe n’umugambi wo kuremwa kwarwo, ari wo wo kubaha Imana no guhesha umugisha bagenzi babo. Mureke urubyiruko rurebe urukundo rwuje impuhwe Data wo mu ijuru yabagaragarije, ndetse n’iherezo rihebuje ubu buzima bubategurira kuzinjiramo, agaciro n’icyubahiro bahamagarirwa byo guhinduka abana b’Imana, bityo ibihumbi byinshi by’urubyiruko ruzahindukira ruhinyure kandi rwange imigambi isuzuguritse no kwikanyiza ndetse rureke ibinezeza bibi byari byararutwaye. Rwakwiga kwanga icyaha no kucyirinda, bidatewe n’uko bazagororerwa cyangwa gutinya guhanwa, ahubwo biturutse ku kumenya ububi bwacyo bukabije, kubera ko icyaha gitesha agaciro ubushobozi Imana yabahaye, kigahindanya ishusho y’Imana muri bo. {AA 417.4}

Imana ntitegeka urubyiruko kutagira imigambi. Ibigira imico bitera umuntu kugera ku ntego no kubahwa mu bandi, ari byo - icyifuzo gikomeye cyo kugera ku bintu byiza bikomeye, ubushake budacogora, imbaraga zitadohoka, ndetse no kwihangana kudacogora — ibyo byose ntibigomba kuburizwamo. Kubw’ubuntu bw’Imana urubyiruko rukwiriye gufashwa kugira intego zisumba kure cyane inyungu z’inarijye kandi z’igihe gito, nk’uko ijuru ryitaruye isi. Kandi uburere butangiriye muri ubu bugingo buzakomeza mu bugingo buzaza. Uko umunsi uhise undi ugataha, imirimo itangaza y’Imana ibihamya by’ubwenge bwayo n’imbaraga zayo mu kurema no gushyigikira isanzure, amayobera atavugwa y’urukundo rwayo n’ubwenge bwayo mu mugambi w’agakiza, ibyo byose bizafungura intekerezo zibone ubwiza bushya. “Ibyo ijisho ritigeze kureba, n’ibyo ugutwi kutigeze kumva, ibitigeze kwinjira mu mutima w’umuntu, ibyo byose Imana yabyiteguriye abayikunda.” (1 Abakorinto 2:9). No muri ubu buzima, dushobora kurabukwa ubwiza bwayo kandi tugasogongera ibyishimo n’umugisha bizagerwaho mu buzima buzaza. Imana yonyine ni yo ishobora guhishura imibereho itagira uko isa umuntu azagira amaze kugarurwamo ishusho y’Imana. {AA 417.5}

IGICE CYA 59 - UMWAMI WA MBERE W'ABISIRAHELI

Ubutegetsi bwa Isiraheli bwayoborwaga mu izina ry'Imana kandi rikayoborwa n'ubutware bwayo. Umurimo wakorwaga na Mose, abakuru mirongo irindwi, abatware hamwe n'abacamanza, wari uwo gushimangira gusa amategeko yari yaratanzwe n'Imana; ntibari bafite ububasha bwo gushinga amategeko agenga iryo shyanga. Uko ni ko ishyanga rya Isiraheli ryabagaho. Uko ibihe byajyaga biha ibindi ni ko abantu bahumekewe n'Imana bajyaga boherezwa kugira ngo bahwiture rubanda kandi baberekeze ku kwita ku mategeko. {AA 419.1}

Uwiteka yabonye mbere y'igihe yuko Abisiraheli bazifuza kugira umwami, ariko ntiyemeye ko haba impinduka mu mahame shingiro y'igihugu cyabo. Umwami yagombaga kuba uwungirije Isumbabyose. Bagombaga kuzirikana ko Imana ari yo Muyobozi w'ishyanga, kandi amategeko yayo agashimangirwa ko ari yo y'ikirenga agenga igihugu. {AA 419.2}

Ubwo Abisiraheli baturaga muri Kanani bwa mbere, bazirikanaga amahame y'ubutegetsi bw'Imana, kandi igihugu cyabo kigubwa neza mu gihe Yosuwa yayoboraga. Ariko ubwiyongere bw'abaturage no gushyikirana n'andi mahanga byatumye ibintu bihinduka. Abantu bafashe imico myinshi y'abaturanyi babo b'abapagani maze ku rwego rukomeye bareka imico yabo myiza kandi yera. Buhoro buhoro baretse kubaha Imana kandi ntibongera kumenya agaciro ko kwitwa ubwoko bw'Imana bwatoranyijwe. Bakuruwe n'ubwiza n'ubukungu butangarirwa by'abami b'abapagani maze barambirwa n'imibereho yabo yari yoroheje. Ishyari n'igomwa byadutse mu miryango y'Abisiraheli. Kwicamo ibice byatumye bagira intege nke; bityo abanzi babo b'abapagani bagahora babatera, maze abantu batangira kubona yuko kugira ngo bakomeze kubaho mu yandi mahanga ari ngombwa ko imiryango yose ifatanya ikagira ubutegetsi bumwe bukomeye. Ubwo barekaga kumvira amategeko y'Imana, bifuje yuko bareka gutegekwa n'Umwami wo mu ijuru; bityo gusaba umwami wo kubategeka biba gikwira mu Bisiraheli bose. {AA 419.3}

Kuva mu gihe cya Yosuwa, ntabo iryo shyanga ryigeze riyoboranwa ubwenge bukomeye kandi ngo ritere imbere nko mu gihe cy'ubuyobozi bwa Samweli. Samweli yari yarashyizweho n'Imana afite inshingano eshatu ari zo kuba umucamanza, umuhanuzi n'umutambyi. Yari yarakoranye umuhati adacogora kubw'imibereho myiza y'ubwoko bwe, kandi mu gihe cy'ubuyobozi bwe, igihugu cyari cyaragize ishya n'ihirwe. Gahunda yari yarongeye kugarurwa mu bantu, kubaha Imana birashimangirwa, kandi umwuka wo kutanyurwa umara igihe waracecekeshejwe. Ariko Samweli ageze mu zabukuru, byabaye ngombwa ko uwo muhanuzi agira abamufasha kuyobora igihugu

maze ashyiraho abahungu be babiri ngo bamubere abafasha. Samweli yakomeje gukorera inshingano ze i Rama naho abo basore bashyirwa i Berisheba bakajya bacira imanza abantu bari batuye hafi y'urugabano rwo mu majyepfo y'icyo gihugu. {AA 419.4}

Samweli yari yashyize abahungu be kuri uwo murimo kugira ngo igihugu kizamuke, ariko ntibagaragaje ko abshoboye gukora umurimo se yari yabatoranyirije. Binyujijwe kuri Mose, Uwiteka yari yarahaye ubwoko bwe amabwiriza yihariye y'uko abatware b'Abisiraheli bakwiye guca imanza zitabera, ntibarenganye umupfakazi n'impfubyi, kandi ntibakire ruswa. Ariko bene Samweli "biyobagirizaga gukunda ibintu, bagahongerwa, bagaca urwa kibera." Aba bana b'umuhanuzi ntibari barumviye amategeko se yashatse gucengeza mu bwenge bwabo. Ntibari bariganye imibereho itunganye kandi itarangwa n'inarijye. Umuburo wari warahawe Eli ntiwari waragize icyo uhindura mu bwenge bwa Samweli nk'uko byari bikwiriye kuba. Nta gitsure yari yararesheje abana be, kandi ingaruka yabyo yaragaragaraga mu mico yabo n'imibereho yabo. {AA 420.1}

Kurenganya kw'abo bacamanza kwateye rubanda kutanyurwa, kandi bityo haboneka urwitwazo rwo gusaba impinduka yari yarifujwe igihe kirekire ariko ntibishyirwe ku mugaragaro. "Nuko abakuru b'Isiraheli bose baherako baraterana, basanga Samweli i Rama. Baramubwira bati: 'Dore uri umusaza, kandi abahungu bawe ntibagendana ingeso nk'izawe: none rero utwimikire umwami, ajye aducira imanza nk'ayandi mahanga yose." Samweli ntiyari yaramenye iby'ihohoterwa ryakorerwaga abantu. Iyo amenya amatwara mabi y'abahungu be, yajyaga guhita abakuraho adatindiganyije; ariko ibyo si byo abo basabaga umwami bashakaga. Samweli yabonye ko mu by'ukuri bahagurukijwe no kutanyurwa n'ubwibone, kandi ko gusaba kwabo kwakomotse ku mugambi bishakiye kandi bihitiyemo. Nta kwitotombera Samweli kwari kwarigeze kubaho. Abantu bose bemeraga yuko ubuyobozi bwe bwarangwaga n'ubwenge no kutitesha agaciro; ariko uwo muhanuzi wari ugeze mu zabukuru yafashe ko uko gusaba ari ukumuhinyura ubwe ndetse ko ari umuhati wo kumwigizayo. Nyamara kandi, ntiyigeze agaragaza amarangamutima ye, ntiyabacyashye, ahubwo icyo kibazo akibwira Uwiteka mu ishengesho aba ari na we wenyine agisha inama. {AA 420.2}

Maze Uwiteka abwira Samweli ati: "Emerera abo bantu ibyo bagusabye byose kuko atari wowe banze, ahubwo ni jye banze ngo ntaba umwami wabo. Barakugenza nk'uko bajyaga bangenza muri byose, uhereye umunsi nabakuriye muri Egiputa ukageza ubu. Baranyimuye bakorera izindi mana." Umuhanuzi Samweli yabujijwe guterwa agahinda n'uko abantu bamwitwayeho. Ntabwo ari we bari basuzuguye, ahubwo bari basuzuguye ubuyobozi bw'Imana yari yarashyizeho abatware b'ubwoko bwayo. Abasuzugura kandi bakanga abagaragu b'Imana b'indahemuka, ntabwo baba binubiye umuntu gusa, ahubwo baba binubiye Umwami Imana iba yaramushyizeho. Ijambo ry'Imana ubwaryo, imiburo yayo n'inama itanga ni byo biba bihinduwe ubusa; ubutware

bwayo ni bwo buba buhinyuwe. {AA 420.3}

Iminsi Abisiraheli bamerewe neza cyane bagatunganirwa yari igihe bemeraga Uwiteka ho Umwami wabo, ubwo amategeko n'ubutegetsi Imana yari yarashyizeho byarutishwaga iby'ayandi mahanga yose. Ku byerekeye amategeko y'Uwiteka, Mose yari yarabwiye Abisiraheli ati: "Nuko mujye muyitondera muyumvire, kuko ari ko ubwenge bwanyu mu maso y'amahanga azumva ayo mategeko yose, akavuga ati: 'Ni ukuri iri shyanga rikomeye ni ubwoko bw'ubwenge n'ubuhanga.'" (Gutegeka kwa kabiri 4:6). Ariko kuko baretse amategeko y'Imana, Abaheburayo ntibabaye ishyanga Imana yifuzaga kubagira, maze ibibi byose byari ingaruka z'ibyaha byabo bwite no kutumvira kwabo babishyira ku buyobozi bw'Imana. Uko ni ko bari baragizwe impumyi n'icyaha. {AA 420.4}

Uwiteka abinyujije mu bahanuzi be yari yavuze mbere ko Abisiraheli bazayoborwa n'umwami; ariko ntibyari bivuze ko ubwo butegetsi ari bwiza kuri bo cyangwa ko ari bwiza hakurikijwe ubushake bwe. Uwiteka yemereye abantu gukora icyo bahisemo kubera ko banze kuyoborwa n'inama abagira. Hoseya avuga ko Imana yabahaye umwami irakaye. Hoseya 13:11. Iyo abantu bahisemo gukora ibyo bishakiye batagishije Imana inama, cyangwa bakabikora barwanya ubushake bwayo bwahishuwe, kenshi Imana ibaha ibyo bifuza kugira ngo mu bibabaho bibabaje bikurikiraho babashe kubona ubupfapfa bwabo kandi bihane icyaha cyabo. Ubwibone bwa muntu n'ubwenge bwe bizagaragara ko umuyobozi uteza akaga. Ibyo umutima wifuza bihabanye n'ubushake bw'Imana amaherezo biba umuvumo aho kuba umugisha. {AA 421.1}

Imana yifuzaga ko ubwoko bwayo buyihanga amaso ko ari yo ibaha amategeko kandi ko ari yo Soko y'imbaraga zabo. Kubwo kumva ko Imana ari yo ibabeshejeho, byari gutuma bahora bayiyegereza. Bari gushyirwa hejuru kandi bakagira agaciro, bakaba abantu bakwiriye umuhamagaro uhebuje indi yose yabahamagariye nk'ubwok bwayo yihitiyemo. Ariko ubwo umuntu yari gushyirwa ku ntebe ya cyami, byari gutera intekerezo z'abantu kuva ku Mana. Bari kurushaho kwiringira imbaraga za muntu cyane kurusha uko biringira iz'Imana, kandi amakosa y'umwami wabo yari kubagusha mu cyaha ndetse agatandukanya ishyanga n'Imana. {AA 421.2}

Samweli yabwiwe kwemerera abantu icyo bashakaga, ariko akababurira ababwira yuko bitashimishije Uwiteka kandi akanabamenyesha ingaruka zizava muri iyo migenzereze yabo. "Nuko Samweli asobanurira abantu bamusabye umwami amagambo y'Uwiteka yose." Yaberetse yeruye imitwaro bazakorerwa kandi anabereka itandukaniro riri hagati y'uko gukandamizwa n'imibereho myiza kandi y'umudendezo bari bafite ubwo. Umwami wabo bashakaga yajyaga kwigana ibyo kwiyerekana, kwirundanyaho ubutunzi ndetse no kudamarara byarangaga abandi bami, aho kwaka

imisoro y’ikirenga abo bayoboraga n’ibintu byabo byari ngombwa. Abahungu babo beza yari kuzabafata akabagira abakozi be. Bajyaga kuzatwara amagare ye bakaba n’abagendera ku mafarashi ye ndetse bakajya biyereka imbere ye. Bagombaga kuzaba ingabo ze kandi bagasabwa kumuhingira imirima ye, bakamusarurira, kandi bakajya bacura intwaro azajya arwanisha mu ntambara. Abakobwa b’Abisiraheli bari kujyanwa ibwami bakajya bakora imibavu abandi bakaba abavuzi b’imitsima. Kugira ngo ibwami hatazagira ikihabura, yajyaga kubatwara imirima yabo irumbuka bahawe n’Uwiteka ubwe. Yajyaga kubaka abagaragu babo b’ingirakamaro cyane n’amatungo yabo meza cyane “akabikoresha imirimo ye.” Uretse ibyo byose, umwami yajyaga kubaka icyacumi n’icy’inyungu zabo ziva ku mirimo bakoresha amaboko, cyangwa icy’umwero w’ubutaka. Umuhanuzi yarangije avuga ati: “Kandi muzaba abagaragu be.” “Maze uwo munsi muzaborozwa n’uwo mwami mwitoranyirije, ariko uwo munsi ntacyo Uwiteka azabasubiza.” Uko ibyo yabasabaga byari kuba bimeze kose, igihe umwami yashyirwagaho, ntibajyaga kubukuraho biboroheye. {AA 421.3}

Ariko abantu baramusubije bati: “Biramaze, turashaka umwami wo kudutegeka, kugira ngo natwe duse n’andi mahanga yose, umwami wacu ajye aducira imanza, ajye atujya imbere aturengere mu ntambara zacu.” {AA 422.1}

“Duse n’andi mahanga yose.” Abisiraheli ntibari bazi ko kubona batasaga n’andi mahanga yari amahirwe adasanzwe n’umugisha kuri bo. Imana yari yaratandukanyije Abisiraheli n’andi moko kugira ngo ibagire ubutunzi bwayo bw’umwihariko. Ariko birengagije iki cyubahiro gikomeye maze bifuza kwigana urugero rw’abapagani! Na n’uyu munsi kwifuza gukurikiza imigenzereze n’imico by’ab’isi biracyarangwa mu bavuga ko ari ubwoko bw’Imana. Iyo batandukanye n’Uwiteka, batwarwa n’inyungu n’ibyubahiro by’ab’isi. Abakristo bahora bashaka kwigana imigirire y’abasenga inama y’iyi si. Abantu benshi bavuga yuko mu kwifatanya n’ab’isi no gukurikiza imigenzo yabo bashobora kugira impinduka nziza cyane bateza kuri abo bantu batubaha Imana. Ariko abanyura muri izo nzira bose batandukana n’Isoko y’imbaraga zabo. Iyo babaye incuti z’isi rero, baba babaye abanzi b’Imana. Kubwo gushaka kuba ibyatwa mu b’isi, bazibukira icyubahiro kitavugwa Imana yabahamagariye cyo kwamamaza ishimwe ry’iyaduhamagaye ikadukura mu mwijima ikatugeza mu mucyo wayo w’igitangaza. 1Petero 2:9. {AA 422.2}

Samweli yumvise ibyo abantu bamubwiye afite agahinda kenshi; ariko Uwiteka aramubwira ati: “Bumvire, ubimikire umwami.” Uwo muhanuzi yari yakoze inshingano ye. Yari yababuriye nta cyo abahishe, ariko iyo miburo barayanga. Yasezereye abantu afite agahinda kenshi mu mutima, kandi ubwe agenda agiye gutegura impinduka ikomeye mu butegetsi. {AA 422.3}

Imibereho itunganye Samweli kandi yarangwaga no kwitanga atizigamye ugucyaha

guhoraho ku batambyi n’abatware bishakiraga iby’inyungu zabo n’inteko y’Abisiraheli yari yuzuye ubwirasi n’irari. Nubwo atitwaraga bya gitware kandi ngo yiyerekane, imirimo ye yari ifite ikimenyetso cy’Ijuru. Yahabwaga icyubahiro n’Umucunguzi w’isi, ari we wamwerekaga ibyo akora mu kuyobora ishyanga ry’Abaheburayo. Nyamara abantu bari bararambiwe n’ubutungane bwe no kwitanga kwe; bahinyuye ubutware bwe burangwa no kwiyoroshya maze banga yuko yabayobora nk’umwami. {AA 422.4}

Mu mico ya Samweli hagaragariramo ishusho ya Kristo. Ubutungane bwarangaga imibereho y’Umukiza ni bwo bwateye Satani kugira umujinya. Iyo mibereho yari umucyo w’isi kandi yahishuraga ubuhanya buhishe mu mitima y’abantu. Ubuziranenge bwa Kristo ni bwo bwatumye ababeshyaga ko bubaha Imana bamwanga urunuka. Ntabwo Kristo yaje afite ubukungu n’icyubahiro by’isi, nyamara imirimo yakoze yagaragazaga ko afite imbaraga n’ubushobozi buruta ubw’umwami uwo ari we wese. Abayuda bari bategereje Mesiya ngo abakize agahato k’uwabakandamizaga, nyamara bokomeje gukora ibyaha byari byarababoheye ku ngoyi. Iyo Kristo ahishira ibyaha byabo kandi agashima ingirwabutungane bwabo, bajyaga kumwemera nk’umwami wabo; ariko ntibashoboye kwihanganira yuko acyaha ingeso mbi zabo ashize amanga. Basuzuguye imico myiza yarangwaga no kugira ubuntu, kwera n’ubutungane. Uko ni ko byakomeje kuba uko ibihe byagiye biha ibindi ku isi. Umucyo uturuka mu ijuru uciraho iteka abantu bose banga kuwugenderamo. Iyo indyarya zicyashywe n’urugero rutangwa n’abanga icyaha, izo ndyarya zihinduka intumwa za Satani zo gukwena no kurenganya abakiranutsi. “Icyakora n’ubundi abashaka kujya bubaha Imana bose bari muri Kristo Yesu, bazarenganywa.” 2Timoteyo 3:12. {AA 422.5}

Nubwo ubutegetsi bwa cyami mu Bisiraheli bwari bwaravuzwe mbere n’ubuhanuzi, Imana ubwayo ni yo yiyemeje kuzabahitiramo umwami. Noneho Abaheburayo bumviye ubutegetsi bw’Imana maze barayireka ngo abe ari yo itoranya. Itoranya ryafashe Sawuli, mwene Kishi wo mu muryango wa Benyamini. {AA 423.1}

Imico yihariye y’uwo mwami wari ugiye kwimikwa yari iyo guhaza ubwibone bwo mu mutima bwari bwateye abantu kwifuza umwami. “Nta muntu n’umwe mu Bisirayeli wamurutaga ubwiza.” (1Samweli 9:2). Yari imfura, afite igihagararo cy’abanyacyubahiro, ari mwiza kandi yasumbaga abantu bose; yasaga nk’aho yavukiye kuba umutegetsi. Nyamara nubwo yari afite ubwo buranga bw’inyuma, Sawuli ntiyari afite ibyangombwa byo mu rwego rwo bigize ubwenge nyakuri. Mu busore bwe ntiyari yarize gutegeka irari rye; ntiyari yarakiriye imbaraga y’ubuntu bw’Imana ihindura umuntu mushya.

{AA 423.2}

Sawuli yari umwana w’umutware ukomeye kandi w’umukire, nyamara mu bijyanye no kwiyoroshya kw’icyo gihe, yafatanyaga na se imirimo icirirtse y’umuhinzi no korora.

Ubwo amwe mu matungo ya se yari yazimiriye mu misozi, Sawuli yajyanye n’umugaragu kuyashaka. Bamaze iminsi itatu bashaka ariko ntibayabona, maze ubwo bari bageze bugufi bw’ i Rama, ari ho umuhanuzi Samweli yari atuye, uwo mugaragu yatanze icyifuzo ko babaza umuhanuzi ibyayo matungo yari yazimiye. Yaravuze ati: “Dore mu ntoki zanjye mfitemo igice cya kane cya shekeli y’ifeza, ni cyo ndi buture uwo muntu w’Imana kugira ngo atuyobore.” Ibyo byari bihuje n’umuco w’icyo gihe. Umuntu wegeraga umunyacyubahiro yagiraga impano nto amuha, nk’ikimenyetso cyo kumwubaha. {AA 423.3}

Bageze bugufi bw’uwo mudugudu bahuye n’abakobwa basohokaga bajya kuvoma maze bababaza ko bamenya yaba ari yo. Babasubije ko hagiye kubaho gahunda yo kuramya Imana, kandi ko umuhanuzi yamaze no kuhagera, ndetse ko bagiye gutambira igitambo mu rusengero rwo ku kanunga, kandi ko nyuma y’aho haraba umunsi mukuru w’ibitambo. Mu gihe cy’ubuyobozi bwa Samweli hari harabayeho impinduka zikomeye. Ubwo irarika ry’Imana ryamugeragaho bwa mbere, imigenzo yakorerwaga mu buturo bwera yari yaranzwe. “Abantu bari barazinutswe igitambo cy’Uwiteka.” 1Samweli 2:17. Ariko noneho icyo gihe mu gihugu cyose abantu basengaga Imana, kandi abantu bagaragazaga ko bashishikariye imihango yo kuramya Imana. Kubera ko nta mihango yaberaga mu buturo bwera muri icyo gihe, ibitambo byatambirwaga ahandi. Imidugudu y’abatambyi n’Abalewi, aho abantu bajyaga bajya gusaba amabwiriza, ni yo yari yaratoranyirijwe gukorerwamo iyo mihango. Utununga two muri iyo midugudu ni two twatoranyijwe ngo tujye dutambirwaho ibitambo, kandi kubw’ibyo twitwaga “ahirengeye.” {AA 423.4}

Ku marembo y’uwo mudugudu ni ho Sawuli yahuriye n’uwo muhanuzi ubwe. Imana yari yamaze guhishurira Samweli yuko uwo munsi umwami w’Abisiraheli watoranyijwe aramusanga ubwe. Ubwo bari bahagaze barebana, Uwiteka yabwiye Samweli ati: “Dore nguyu wa muntu nakubwiraga! Uyu ni we uzategeka ubwoko bwanjye.” {AA 423.5}

Ubwo Sawuli yabazaga Samweli ati: “Ndakwinginze, nyobora aho inzu ya abamenya ihereye,” Samweli yaramusubije ati: “Erega ni jye bamenya!” Yamwijeje ko amatungo yari yazimiye yabonetse, maze amusaba kuba aretse kugenda kugira ngo ajye mu munsi mukuru, kandi hagati aho amumenyeshe ibintu bikomeye byari bigiye kumubaho ati: “Mbese iby’igikundiro byose byo muri Isiraheli bibikiwe nde? Si wowe se, n’inzu ya so yose?” Umutima wa Sawuli wakangaranyijwe n’amagambo y’uwo muhanuzi. Nta kindi yashoboraga gukora uretse kubyakira uko bisobanuwe, kuko abatuye igihugu cyose bari baratwawe n’icyifuzo cyo gusaba umwami. Nyamara Sawuli yasubizanyije kwicisha bugufi cyane ati: “Mbese sindi Umubenyamini wo mu muryango muto wo mu ya Isiraheli? Kandi se, inzu yanjye si yo iri hanyuma y’ayandi mazu yose y’Ababenyamini? Ni iki gitumye umbwira bene ibyo?” {AA 423.6}

Nuko Samweli ajyana uwo mushyitsi aho abantu bateraniye, aho abakomeye bo muri uwo mudugudu bari bateraniye. Hakurikijwe amabwiriza y'uwo muhanuzi, Sawuli yicazwa ahantu h'icyubahiro, kandi bamugaburira igaburo ryiza cyane. Imihango irangiye, Samweli ajyana umushyitsi we imuhira ahiherereye baraganira, amubwira amahame akomeye ubuyobozi bw'Abisiraheli bwari bushingiyeho, n'uko ashaka kumutegurira umurimo we w'icyubahiro. {AA 424.1}

Kare kare mu gitondo cyakurikiyeho ubwo Sawuli yari agiye, uwo muhanuzi yajyanye nawe. Bavuye mu mudugudu, Samweli yabwiye umugaragu we gukomeza imbere. Noneho asaba Sawuli guhagarara aho yari ageze kugira ngo amubwire ubutumwa Imana yari yamutumyeho. "Nuko Samweli yenda imperezo y'amavuta, ayamusuka ku mutwe, aramusoma, aravuga ati: 'Mbese ibyo si byo byerekana ko Uwiteka akwimikishije amavuta, ngo ube umutware wa gakondo ye?" Nk'igihamya cy'uko ibyo bikozwe n'Imana, Samweli yamuhanuriye ibiraba mu rugendo rwe yerekeza iwabo kandi asobanurira Sawuli neza yuko Mwuka w'Imana azamuzaho akamubashisha inshingano yari imutegereje. Umuhanuzi yaramubwiye ati: "Umwuka w'Uwiteka ari bukuzeho cyane,...uhereko uhinduka ube umuntu mushya. Kandi ibi bimenyetso nibigusohoraho ugenze uko bikwiriye; kuko Imana iri kumwe na we." {AA 424.2}

Ubwo Sawuli yakomezaga urugendo, byose byabaye nk'uko umuhanuzi yari yabivuze. Ageze hafi y'urubibi rwa Benyamini, yabwiwe ko za ndogobe zabonetse. Mu kibaya cya Tabora yahahuriye n'abagabo batatu bari bagiye gusengera Imana i Beteli. Umwe muri bo yari afite abana b'ihene batatu, undi yikoreye amarobe atatu y'umutsima, n'aho uwa gatatu yikoreye imvumba ya vino, byo gutanga mu minsi mikuru y'ibitambo. Baramukije Sawuli mu ndamutso isanzwe maze bamuha amarobe abiri y'umutsima. I Gibeya, mu mudugudu w'iwabo, umutwe w'abahanuzi wari uvuye ku "kanunga' waririmbaga indirimbo zo gusingiza Imana bacuranga nebelu, ishako, imyironge n'inanga. Sawuli ageze aho bari nawe Mwuka w'Uwiteka amuzaho, maze afatanya na bo mu ndirimbo zo gusingiza Imana kandi ahanurana na bo. Yavuganaga ubuhanga bukomeye kandi afite ubwenge maze afatanya na bo akomeje ku buryo abari bamuzi batangaye bakavuga bati: "Mbese bibaye bite kuri mwene Kishi? Mbega Sawuli na we ari mu bahanuzi?" {AA 424.3}

Ubwo Sawuli yifatanyaga n'abahanuzi mu kuramya Imana, muri we habaye impinduka zikomeye bikozwe na Mwuka Muziranenge. Umucyo wo gukiranuka kw'Imana n'ubutungane bwayo wamurikiye mu mwijima wari mu mutima wa kamere. Yibonye uko ari imbere y'Imana. Yabonye ubwiza bw'ubutungane. Noneho yari ahamagariwe gutangira urugamba rwo kurwanya icyaha na Satani, kandi yumvise ko muri urwo rugamba imbaraga ze zose zigomba guturuka ku Mana. Inama y'agakiza atari asanzwe asobanukirwa kandi akayishidikanyaho, noneho yasobanukiye intekerezo ze. Uwiteka yamuhaye ubutwari n'ubwenge bwo gutunganya inshingano ye ikomeye.

Uwiteka yamuhishuriye Isoko y’imbaraga n’ubuntu, kandi imurikira ubwenge bwe busobanukirwa ibyo Imana isaba ndetse n’inshingano ye bwite. {AA 424.4}

Sawuli ashyirwaho amavuta ntibyamenyeshejwe ishyanga ry’Abisiraheli. Uwatoranyijwe n’Imana yagombaga kwerekanwa n’ubufindo mu ruhame. Ku bw’iyo mpamvu, Samweli yateranyirije abantu i Misipa. Basabye Imana kubayobora; maze birangiye hakurikiraho umuhango ukomeye w’ubufindo. Imbaga y’abantu bari bateraniye aho yategerezanyije ituza kureba uri butoranywe. Umuryango n’inzu byaragaragajwe neza maze Sawuli, umuhungu wa Kishi, aba ari we ugaragazwa ko yatoranyijwe. Ariko Sawuli ntiyari muri iryo teraniro. Kubera kuremererwa no kumva inshingano ikomeye yari agiye guhabwa, yari yagiye kwihisha. Bamugaruye mu iteraniro, maze iteraniro rishimishwa no kubona yuko yari afite igihagararo cy’abami kandi ari mwiza kuko yari “ahagaze muri bo abasumba uko bangana, bamwe bamugera ku rutugu.” Ndetse na Samweli ubwo yamwerekaga abantu yavuze atangara ati: “Mbese mubonye uwo Uwiteka yatoranyije, ko nta we uhwanye na we mu bantu bose?” Maze bose bamusubiriza icyarimwe barangurura cyane bishimye bati: « Umwami aragahoraho! ” {AA 425.1}

Nuko Samweli avugira imbere y’abantu “imihango y’ubwami,” avuga amategeko ubutegetsi bwa cyami bushingiyeho, ari nayo agomba kwifashishwa mu kuyagenzura. Umwami ntiyagombaga kuba umutware utavuguruzwa, ahubwo ububasha bwe bwagombaga kugendera munsi y’ubushake bw’Isumbabyose. Ayo magambo yababwiye yanditswe mu gitabo, ahavuzwe ibireba umwami ndetse n’uburenganzira bwa rubanda. Nubwo abantu basuzuguye ubutumwa bw’imbuzi bwa Samweli, bikaba ngombwa ko uwo muhanuzi w’umukiranutsi yumvira ibyifuzo byabo, yakomeje gukora uko ashoboye kose abarinda gukora ibyo bishakiye. {AA 425.2}

Nubwo abantu muri rusange bari biteguye kwakira Sawuli ngo ababere umwami, hari benshi babirwanyaga. Kugira ngo umwami atoranywe mu muryango wa Benyamini, umuryango wari muto cyane mu miryango y’Abaisiraheli yose - hakirengagizwa imiryango yombi: uwa Yuda n’uwa Efurayimu yari migari kandi ikomeye cyane - kari agasuzuguro batajyaga kwihanganira. Banze kumvira Sawuli cyangwa kumuzanira impano yagenwaga n’umuco w’icyo gihe. Abashegaga mu gusaba umwami ni nabo banze umuntu Imana yatoranyije. Abo muri buri ruhande bari bifitiye amahitamo yabo y’uwo bifuzaga ko yakwima ingoma, kandi abenshi mu bayobozi bifuzaga icyubahiro cyabo ubwabo. Ishyari n’igomwa byagurumanaga mu mitima ya benshi. Umuhati wari wakoreshejwe uturutse ku bwibone waje kuba imfabusa kandi birababababaza. {AA 425.3}

Muri uwo mwuka wari umeze utyo, Sawuli yabonye ko gukora inshingano ya cyami bitamworoheye. Yasize Samweli akomeza kuyobora nk’uko byari bisanzwe maze we

yisubirira i Gibeya. Yaherekejweyo n’umutwe w’ingabo zari zabonye Imana imuhitamo, maze ziyemeza kumushyigikira. Nyamara we ntiyagerageje gukoresha imbaraga kugira ngo yemerwe yuko ari we mwami. Yagiye iwabo mu misozi y’Ababenyamini arituriza akora imirimo y’umuhinzimworozi, maze ashyira ubutegetsi bwe mu maboko y’Imana kugira ngo abe ariyo ibukomeza. {AA 425.4}

Hashize igihe gito Sawuli amaze kwimikwa, Abamoni bayobowe n’umwami wabo Nahashi, bigaruriye akarere gatuwe n’imiryango yo mu burasirazuba bw’uruzi rwa Yorodani maze basatira n’umujyi w’i Yabeshi Galeyadi. Abawutuye bagerageje gushaka amahoro maze bemera gutegekwa n’Abamoni kandi bakajya babaha imisoro. Umwami w’Abamoni wari umugome bikabije yanze kubyumvikanaho na bo ngo keretse umuntu wese wo muri bo amunogoyemo ijisho ry’iburyo, ibyo bikaba igihamya gihoraho kigaragaza ubushobozi bwe.

{AA 426.1}

Abantu bo muri uwo mujyi wari wafashwe basabye guhabwa iminsi irindwi yo kubyitegura. Abamoni babibemereye bibwira ko bihesha icyubahiro intsinzi bategereje. Bahereyeko bohereza intumwa ziva I Yabeshi zijya gushaka ababatabara bo mu miryango yari ituye iburengerazuba bwa Yorodani. Iyo nkuru bayigejeje i Gibeya, yateye abantu ubwoba bwinshi. Sawuli yari atashye nimugoroba akurikiye ibimasa abivanye mu murima, yumvise imiborogo myinshi yagaragazaga ishyano ryaguye. Yarabajije ati: “Abantu babaye bate k barira?” Bamubwiye icyo gitekerezo giteye isoni, imbaraga ze zose zitakoreshwaga zarahagurutse. “Sawuli yumvise ayo magambo umwuka w’Imana amuzaho cyane . . . Yenda inka ebyiri arazitemagura, aziha impuruza, azohereza mu gihugu cya Isiraheli cyose. Arazibwira ati: Utazatabarana na Sawuli na Samweli, uko ni ko inka ze zizagenzwa.” {AA 426.2}

Abagabo ibihumbi magana atatu na mirongo itatu bateranira mu kibaya cya Bezeki bayobowe na Sawuli. Bahise bohereza intumwa ku bo mu mujyi wari wagoswe babasezeranira ko mu gitondo bari butabarwe, ari wo munsi bajyaga kwishyira mu maboko y’Abamori. Sawuli n’ingabo ze bafashe inzira nijoro bihuta maze bambuka Yorodani, “mu museso” basesekara i Yabeshi. Nk’uko Gideyoni yabigenje, ingabo za Sawuli yazigabanyijemo imitwe itatu, maze bagwa Abamoni gitumo aho bari bagerereje, muri iyo saha ya karekare mu gitondo, badatekereza yuko hari icyago icyo ari cyo cyose cyabageraho; kandi icyo gihe nta burinzi bari bafite. Abamoni bagize ubwoba bwinshi maze baratikizwa cyane. “Maze abacitse ku icumu baratatana, haba ngo wabona na babiri bakiri hamwe.” {AA 426.3}

Gufata umwanzuro vuba n’ubutwari bya Sawuli, hamwe n’ubuyobozi bw’ingabo yagaragaje mu buryo yyoboye neza ingabo nyinshi zingana zityo zigatsinda, byari ibyangombwa bikwiriye ibyo ubwoko bwa Isiraheli bwifuzaga ko ubwami wabwo

yagira kugira ngo buzashobore guhangana n’andi mahanga. Noneho bamusuhuje nk’umwami wabo, icyubahiro giturutse ku ntsinzi bagiha abantu maze bibagirwa ko iyo hatabaho umugisha w’Imana udasanzwe, umuhati wabo wose uba warabaye imfabusa. Muri ibyo byishimo bari bafite, bamwe batanze icyifuzo cy’uko abari babanje kwanga ubutegetsi bwa Sawuli bicwa. Ariko umwami arahagoboka aravuga ati: “Nta muntu uri bwicwe uyu munsi; kuko uyu munsi Uwiteka {AA 426.4}

yarokoye Abisirayeli.” Ahangaha Sawuli yaragaragaje impinduka zari zarabaye mu mico ye. Aho kwiha icyubahiro, yahaye Imana ikuzo. Aho kwerekana icyifuzo cyo kwihorera, yagaragaje umwuka w’impuhwe n’imbabazi. Iki ni ikimenyetso kidashidikanywa cyerekana yuko ubuntu bw’Imana buba mu mutima. {AA 426.5}

Noneho Samweli yasabye ko abantu bose bateranira i Gilugali kugira ngo bahakomereze ubwami ku mugaragaro. Ni ko byagenze maze “bahatambira ibitambo by’ishimwe yuko bari amahoro imbere y’Uwiteka. Nuko Sawuli n’Abisiraheli bose barahanezererwa cyane.” {AA 426.6}

Gilugali niho Abisiraheli bari barabambye amahema bwa mbere mu Gihugu cy’Isezerano. Aho ni ho Yosuwa, abwirijwe n’Imana, yari yarubatse inkingi y’amabuye cumi n’abiri bari kuzajya bibukiraho uko bambutse Yorodani mu buryo bw’igitangaza. Aho niho gahunda yo gukebwa yongeye kuvugururirwa. Aho ni ho bari barizihirije Pasika nyuma yo gucumurira i Kadeshi no gutinda mu butayu. Aho kandi ni ho Manu yahagarikiye kongera kuboneka. Aho ni ho Umugaba w’ingabo z’Uwiteka yari yarigaragarije nk’umyobozi w’ingabo z’Abisiraheli. Aho niho Abisiraheli bari baraturutse bajya gutsinda Yeriko no kwigarurira Ayi. Aha ni ho Akani yaherewe igihano cy’icyaha cye, kandi ni ho habereye amasezerano Abisiraheli bagiranye n’Abanyagibeyoni bigatuma bahanwa kubwo kutagisha Uwiteka Imana. Muri iki kibaya cyabereyemo ibintu byinshi bikomeye, ni ho Samweli na Sawuli bari bahagaze; kandi ubwo urusaku rwo kwakira umwami rwari rumaze guhosha, umuhanuzi Samweli wari ugeze mu zabukuru yababwiye amagambo yo kubasezeraho nk’umuyobozi w’iryo shyanga.

{AA 427.1}

Samweli yarababwiye ati: “Yemwe, nabemerey ibyo mwansabye byose mbimikira umwami wo kubategeka. None uwo mwami ajye abajya imbere, jyeweho ndashaje meze imvi; . . . Muzi yuko nagenderaga imbere yanyu, uhereye mu buto bwanjye ukageza ubu. Ndi hano nimunshinje imbere y’Uwiteka n’imbere y’uwo yimikishije amavuta. Mbese hari uwo nanyaze inka ye cyangwa hari uwo nanyaze indogobe ye? Ni nde nariganije ibye? Ni nde nahase? Cyangwa ni nde natse impongano ikampuma amaso, ngo mbibarihe?” {AA 427.2}

Abantu bose basubirije icyarimwe bati: “Ntabwo waturiganije kandi ntabwo waduhase nta n’icyo wanyaze umuntu wese.” {AA 427.3}

Ntabwo Samweli yashakaga kwihohora kubw’ibyo yakoze. Yari yarabanje gushyira ahagaragara amategeko yagombaga kugenga umwami na rubanda, kandi yifuzaga kongera ku magambo ye icyitegererezo cyiza cy’imibereho ye. Kuva mu bwana bwe yakoraga umurimo w’Imana, kandi mu mibereho ye yamaze igihe kirekire, yari afite intego imwe arangamiye imbere ye ari yo: icyubahiro cy’Imana n’imibereho myiza cyane y’Abisiraheli. {AA 427.4}

Mbere y’uko haabho ibyiringiro bwo kugubwa neza ku Bisiraheli, bagombaga kubanza kwihana imbere y’Imana. Kubw’ingaruka z’icyaha, Abisiraheli bari baratezutse ku kwizera Imana kandi batakaza gusobanukirwa n’ubushobozi n’ubwenge byayo, ntibagirira icyizere ubushobozi bwayo bwo gusohoza ibyo ishaka. Mbere y’uko babona amahoro nyakuri, bagombaga kubanza kumenya no kwihana icyaha bakoze. {AA 427.5}

Bari baravuze k umugambi ubatera gusaba umwami ari ukugira ngo abe umwami wo “kubacira imanza, akajya abajya imbere, akabarwanira intambara.” Samweli yongeye kubabwira amateka y’Abisiraheli uhereye umunsi Imana yabakuriye mu Misiri. Yehova, Umwami w’abami, yari yarabagiye imbere, abarwanira mu ntambara zabo. Akenshi ibyaha byabo byatumaga bagirwa abaretwa n’abanzi babo, ariko iyo bahindukiraga bakava mu nzira zabo mbi, bidatinze imbabazi z’Imana zabahagurukirizaga umurengezi. Uwiteka yohereje Gideyoni na Baraki, na “Yefuta na Samweli, abakiza amaboko y’ababisha banyu impande zose, mutura amahoro.” Nyamara ubwo bari bageze mu kaga baravuze bati: “Ahubwo umwami ni we uzadutegeka;” ubwo uwo muhanuzi na we yavugaga ati: “Uwiteka Imana yanyu ari yo Mwami wanyu.” {AA 427.6}

Samweli yakomeje agira ati: “Nuko none nimuhagarare murebe iki kintu gikomeye, Uwiteka ari bukorere imbere yanyu. Mbese uyu munsi si mu isarura ry’ingano? None ngiye gusaba Uwiteka yohereze guhinda kw’inkuba n’imvura, maze muramenya murebe gukiranirwa kwanyu ko ari kwinshi mwakoreye imbere y’Uwiteka, ubwo mwisabiye umwami.” Nuko Samweli asaba Uwiteka, maze uwo munsi Uwiteka yohereza guhinda kw’inkuba n’imvura, abantu baherako batinya Uwiteka na Samweli.” Mu gihe cy’isarura ry’ingano mu kwezi kwa Gicurasi na Kamena, nta mvura igwa mu Burasirazuba. Ikirera cyari gikeye nta gicu kikirangwamo, kandi hari akayaga gatuje. Bityo guhinda kw’inkuba muri icyo gihe byatumye abantu bose bagira ubwoba. Abantu bakozwe n’isoni batura icyaha bari bakoze — ari cyo cyaha cyabahamaga. Abantu baravuze bati: “Sabira abagaragu bawe ku Uwiteka Imana yawe twe gupfa, kuko twongereye ku byaha byacu byose iki cyaha cyo kwisabira umwami.” {AA 428.1}

Samweli ntiyasize abantu bacitse intege kuko ibyo byajyaga kubabuza kugerageza uko bashoboye kose bashaka imibereho irushaho kuba myiza. Satani yari kubatera kubona

ko Imana ari inyabukana kandi ko itagira imbabazi, bityo byajyaga kubatera ibigeragezo byinshi binyuranye. Imana ni inyabuntu kandi irababarira, ihora ishaka kugirira neza abantu bayo iyo bumviye ijwi ryayo. Imana yahaye umuhanuzi ubu butumwa ngo ababwire ati: “Ntimutinye. Ni ukuri ibyo bibi byose mwarabikoze; ariko noneho ntimukebakebe ngo mudakurikira Uwiteka, ahubwo mukorere Uwiteka n’imitima yanyu yose. Ntimugakebakebe kuko ari ugukurikira ibitagira umumaro, bitarimo indamu cyangwa agakiza akndi ari ubusa. Uwiteka ntazahemukira abantu be...” {AA 428.2}

Ntacyo Samweli yigeze avuga ku gitutsi bari baramututse; ntiyabatonganyirije yuko bamubereye indashima kubwo kwitanga yagize mu mibereho ye yose; ahubwo yabijeje yuko azakomeza kubitaho. Yaravuze ati: “Kandi ku bwanjye ntibikabeho ko nshumura ku Uwiteka nkareka kubasabira, ahubwo nzajya mbayobora inzira nziza itungaye. Mujye mwubaha Uwiteka gusa mumukorere mu by’ukuri n’imitima yanyu yose, murebe ibyo yabakoreye uburyo bikomeye. Ariko nimukomeza gukora nabi muzarimbukana n’umwami wanyu.” {AA 428.3}

IGICE CYA 60 - KWIHANDAGAZA KWA SAWULI

Nyuma y’iteraniro ry’i Gilugali, Sawuli yasezereye ingabo zari zahagurutse azihururije kurimbura Abamoni, maze yisigariza ingabo ibihumbi bibiri gusa bo kubana nawe i Mikimashi n’abandi igihumbi bo kubana n’umuhungu we Yonatani i Gibeya. Ngaho aho ifuti rikomeye cyane ryabaye. Kubera ko bari baherutse kunesha, ingabo ze zari zuzuwe n’ibyiringiro n’ubutwari; kandi iyo ahita akomeza urugamba akarwanya abanzi ba Isiraheli, yajyaga kunesha bikavugwa hose kandi ishyanga ryabo rikagira umudendezo. {AA 429.1}

Hagati aho, abaturanyi babo bari abarwanyi cyane b’Abafilisitiya bari bagikomeye. Nubwo Abafilisiya bari bamaze gutsindirwa Ebenezeri, bari bagifite mu maboko ibihome byari byubatswe ku dusozi tw’imirambi mu gihugu cy’Abisiraheli maze bashinga ibirindiro byabo rwagati mu gihugu. Abafilisitiya barushaga Abisiraheli intwaro n’ibindi byangombwa. Mu gihe kirekire bamaze bakandamiza Abisiraheli, Abafilisitiya baharaniye gukomeza imbaraga zabo bakoresheje kubuza Abisiraheli gukora imirimo y’ubucuzi, kugira ngo badacura intwaro z’intambara. Nyuma yo kugirana amasezerano y’amahoro Abaheburayo bajyaga bajya mu Bafilisitiya gutyarisha ibyo bakeneye. Kubera gutwarwa no gukunda umutuzo ndetse n’umutima

mubi batewe no gukandamizwa igihe kirekire, ku rwego rukomeye, abagabo b’Abisiraheli ntibari baritaye ku kwishakira intwaro z’intambara. Abisiraheli bashobora kubona imiheto n’imihumetso ariko muri bo nta n’umwe wari ufite icumu cyangwa inkota uretse Sawuli na Yonatani. {AA 429.2}

Mu mwaka wa kabiri w’ingoma ya Sawuli, ni bwo bagerageje kunesha Abafilisitiya. Abafilisitiya baneshejwe ubwa mbere na Yonatani, umuhungu w’umwami, wateye kandi akanesha abanyagihome cyabo i Geba. Abafilisitiya barakajwe n’uko gutsindwa maze bitegura guhita batera Abisiraheli. Sawuli yategetse ko bavuza ihembe ry’intambara, ahamagarira abagabo bose bashoboraga kurwana harimo n’abo mu miryango yari ituye hakurya ya Yorodani guteranira i Gilugali. Iryo tegeko ryarumviwe. {AA 429.3}

Abafilisitiya bari bateraniye i Mikimashi ari ingabo nyinshi “bari bafite amagare inzovu eshatu n’abagendera ku mafarashi ibihumbi bitandatu n’abantu bangana n’umusenyi wo mu kibaya cy’inyanja ubwinshi.” Ubwo inkuru yageraga kuri Sawuli n’ingabo ze i Gilugali, abantu batewe ubwoba bwinshi no gutekereza izo ngabo zikomeye bagombaga guhangana nazo mu rugamba. Ntabwo bari biteguye guhangana n’umwanzi, bityo benshi cyane bashya ubwoba ku buryo batigeze bahangara kuza kugeragerezwa kujya ku rugamba. Bamwe bambutse Yorodani, abandi bihisha mu buvumo no mu myobo, abandi bihisha mu bitare byari byinshi cyane muri ako karere. Uko igihe cy’urugamba cyegerezaga, ni ko umubare w’abacikaga wiyongeraga kandi n’abatavuyemo bari bafite ubwoba bwinshi. {AA 429.4}

Igihe Sawuli yasukwagaho amavuta yimikwa ngo abe umwami w’Abisiraheli, Samweli yamuhaye amabwiriza anonosoye yerekeranye n’uko yagombaga kubigenza muri icyo gihe. Umuhanuzi yaravuze ati: “Kandi uzantange kugera i Gilugali, nanjye nzagusangayo nje gutamba ibitambo byoswa n’ibitambo by’ishimwe yuko ari amahoro. Uzamareyo iminsi irindwi untegereje, kugeza igihe nzaza nkagusobanurira icyo ukwiriye gukora.” 1 Samweli 10:8. {AA 429.5}

Uko umunsi ukeye, Sawuli yakomezaga gutegereza ariko ntagire umuhati wo gutera abantu ubutwari no kubashishikariza kwiringira Imana. Igihe umuhanuzi yari yamuhaye kitararangira rwose, yarambiwe gutegereza ubwo umuhanuzi yari atinze maze yemera ko ingorane zimwugarije zimuca intege. Aho gushaka uburyo ategurira abantu imihango Samweli yari aje gukora, yatwawe no kutizera n’ubwira. Umurimo wo gushaka Imana hatambwe ibitambo wari umuhango wera cyane kandi w’ingenzi; ndetse Imana yasabaga yuko abantu bisuzuma mu mitima yabo kandi bakihana ibyaha byabo, kugira ngo igitambo cyabo cyemerwe imbere yayo kandi umugisha wayo ukaba ku muhati wabo bagatsinda umwanzi. Nyamara Sawuli yari yabuze amahwemo; kandi n’abantu aho kugira ngo bizere Imana ngo ibafashe, bari bahanze

amaso umwami bari baratoranyije ngo abayobore kandi abajye imbere. {AA 430.1}

Ariko kandi Uwiteka yari akibitayeho, ntiyabatereranye ngo bahangane n'akaga kashoboraga kubageraho igihe bari kuba biringiye gusa amaboko y'umuntu. Yabagejeje ahakomeye kugira ngo basobanukirwe ubupfapfa bwo kwishingikiriza muntu, no kugira ngo bahindukirire Imana yo mufasha wabo rukumbi. Igihe cyo kugerageza Sawuli cyari gisohoye. Icyo gihe yagombaga kwerekana niba arishingikiriza ku Mana cyangwa ntayishingikirizeho kandi agategereza yihanganye nk'uko Imana yari yabimutegetse, bityo akagaragaza ko ari umuntu Imana yagirira icyizere aho bikomeye nk'umutware w'ubwoko bwayo, cyangwa niba arakozwa hirya no hino kandi akigaragaza ko adakwiriye inshingano yera yari yahawe. Mbese umwami Abisiraheli bari barahisemo yari kumvira Umwami utwara abami bose? Mbese yari kugarura imitima y'ingabo ze zari zakutse imitima ku Ufite imbaraga no gukiza bihoraho? {AA 430.2}

Yakomeje kurambirwa ariko ategereje yuko Samweli aza maze abona yuko akayubi, agahinda no gucika kw'ingabo ze byatewe n'uko uwo muhanuzi atari aho. Igihe yari yahawe kiragera ariko uwo muntu w'Imana ntiyahita aza. Imana yari yatindanye umugaragu wayo. Ariko umutima wa Sawuli wo kubura amahwemo no guhubuka ananirwa kuwutegeka. Kubera kwibwira ko hari igikwiriye gukorwa kugira abantu bamarwe ubwoba, Sawuli yiyemeje guhamagaza abantu ngo baze mu muhango wo kuramya Imana kandi atambe igitambo cyo kwingingira Imana kubagoboka. Imana yari yaratanze amabwiriza avuga yuko abatoranyirijwe uwo murimo gusa ari bo bakwiriye gutambira ibitambo imbere yayo. Ariko Sawuli arategeka ati: "Nimunzanire hano igitambo cyoswa," ahangara kwegera igicaniro yambaye imyambaro y'intambara afite n'intwaro maze atamba igitambo imbere y'Imana. {AA 430.3}

"Akimara gutamba Samweli aba araje; maze Sawuli arasohoka ajya kumusanganira ngo amuramutse." Samweli yahise abona yuko Sawuli yakoze ibinyuranye n'ibya ya mabwiriza yahawe. Imana yari yatumye umuhanuzi ko icyo gihe nikigera yo ubwayo irabamenyesha icyo Abisiraheli bagomba gukora muri icyo gihe cy'akaga. Iyo Sawuli yuzuza ibyangombwa byasabwaga kugira ngo Imana ibafashe, Uwiteka yajyaga gucungura Abisiraheli mu buryo butangaje ikoresheje abantu bake bari banambye ku mwami. Nyamara Sawuli yariyemeraga ubwe ndetse n'ibyo yakoraga bituma ajya gusanganira uwo muhanuzi nk'umuntu ukwiriye gushimwa aho kugawa.

{AA 430.4}

Mu maso ha Samweli hari huzuye umubabaro; ariko ubwo yamubazaga ati: "Ibyo wakoze ni ibiki?" Sawuli yatanze impamvu zamuteye gukora icyo gikorwa cyo kwihandagaza. Yaravuze ati: "Nabonye abantu banshizeho batatana. Na we ntiwaje mu minsi yategetswe, kandi Abafilisitiya bari bamaze guteranira i Mikimashi, bituma

nibwira nti: ‘Ubu ngubu Abafilisitiya bari bumanukire i Gilugali bantere kandi ntarahendahenda Uwiteka ngo ampe umugisha.’ Ni cyo gitumye nihata ntamba igitambo cyoswa. {AA 431.1}

“Maze Samweli abwira Sawuli ati: ‘Wafuditse, ntiwumviye itegeko Uwiteka Imana yawe yagutegetse, none Uwiteka aba akomeje ubwami bwawe mu Isirayeli iteka ryose. Ariko noneho ubwami bwawe ntibuzagumaho, Uwiteka amaze kwishakira umuntu umeze nk’uko umutima we ushaka, kandi ni we Uwiteka yashyizeho kuba umutware w’ubwoko bwe,...Nuko Samweli arahaguruka, ava i Gilugali ajya i Gibeya y’i Bubenyamini.” {AA 431.2}

Abisiraheli bagombaga kureka kuba ubwoko bw’Imana, cyangwa amahame ubutegetsi bwari bushingiyeho akagumaho, maze igihugu kikayoborwa n’ubushobozi bw’Imana. Iyo Abisiraheli biyegurira Uwiteka burundu, iyo ubushake bw’umuntu bwumvira ubushake bw’Imana, Imana yari gukomeza kuba Umutware w’Abisiraheli. Igihe cyose umwami na rubanda bari kwitwararika bumvira Imana, yari kubabera umurengezi. Ariko muri Isiraheli nta mwami wari kugubwa neza atemera ubutegetsi bw’ikirenga bw’Imana. {AA 431.3}

Iyo Sawuli agaragaza kubahiriza amabwiriza y’Imana muri icyo gihe cy’ibigeragezo, Imana iba yarakoreye ubushake bwayo muri we. Gutsindwa kwe kwagaragaje ko atari akwiriye kuba uhagarariye Imana mu bwoko bwayo. Sawuli yajyaga kuyobya Abisiraheli. Aho kugira ngo ubushake bw’Imana butegeke, hagategeka ubushake bwe. Iyo Sawuli aba indahemuka, ubwami bwe bwari gukomera by’iteka ryose; ariko kubera ko yari yatsinzwe, umugambi w’Imana wagombaga kusohozwa n’undi. Ubuyobozi bwa Isiraheli bwagombaga guhabwa uwajyaga gutegeka abantu akurikije ubushake bw’Ijuru. {AA 431.4}

Ntabwo tuzi ibyo turangamira bikomeye bishobora kujya mu kaga Imana iramutse ibigerageje. Nta mahoro ashoboka keretse mu kumvira ijambo ry’Imana nta gukebakeba. Amasezerano yayo yose asohozwa bishingiye ku kwizera no kumvira, kandi kunanirwa kuzuza ibyo amategeko yayo asaba bidukuraho gusohorezwa imigisha myinshi ivugwa mu Byanditswe. Ntabwo dukwiriye gukurikiza amarangamutima cyangwa ngo twishingikirize ku bwenge bw’abantu. Dukwiriye gutumbira ubushake bw’Imana bwahishuwe kandi tugakurikiza amategeko yayo yumvikana neza tutitaye ku ngorane zaba zitugose izo ari zo zose. Imana izirengera ingaruka zabyo. Kubwo kumvira ijambo ryayo mu gihe cy’ibigeragezo tubasha kugaragariza imbere y’abantu n’abamarayika ko Uwiteka ashobora kudushyira aho bikomeye kugira ngo tuhakorere ubushake bwe, twubahishe izina rye, kandi duheshe umugisha ubwoko bwe. {AA 431.5}

Imana ntiyari inejejwe n’ibyo Sawuli yakoze nyamara kandi Sawuli ntiyashakaga

kwiyoroshya mu mutima ngo yihane. Ibyo yaburaga mu butungane nyakuri yagerageje kubigeraho akoresheje ishyaka yari afite ryo kugaragaza kubaha Imana. Sawuli ntiyari ayobewe uburyo Abisiraheli baneshejwe igihe Hofini na Finehasi bazanaga isanduku y'Imana ku rugamba; nyamara n'ubwo yari azi ibyo byose, yiyemeje gutumiza iyo sanduku yera hamwe n'umutambyi wari uyishinzwe. Abigenje atyo, yibwiraga yuko ashobora kongera gukoranya ingabo ze zari zitatanye maze akarwanya Abafilisitiya. Yajyaga guheza Samweli n'ubufasha yamuhaga maze inama Samweli yamugiraga no kumucyaha bikarorera. {AA 431.6}

Sawuli yari yarahawe Mwuka Muziranenge kugira ngo amurikire ubwenge bwe kandi yoroshye umutima we. Yari yaragejejweho amabwiriza kandi acyahwa mu buryo buzira amakemwa n'umuhanuzi w'Imana. Ariko mbega ngo arayoba cyane! Igitekerezo cy'umwami wa mbere w'Abisiraheli kigaragaza urugero rubabaje rw'ubushobozi bw'imico mibi yakiriwe mu bwana. Mu buto bwe Sawuli ntiyakundaga Imana kandi ngo ayubahe; bityo uwo mutima uhutiraho utari waratojwe mbere kwicisha bugufi, wahoraga witeguye kugomera ubuyobozi bw'Imana. Abantu bazirikana kandi bakubaha ubushake bw'Imana mu buto bwabo, ndetse bagakora inshingano bahawe nk'uko bikwiriye, bazategurirwa gukora inshingano iruseho mu buzima buzaza. Nyamara abantu ntibamara igihe kirekire bakoresha nabi ububasha Imana yabahaye hanyuma ngo nibashaka guhindukira basange bwa bushobozi bukibarimo kandi ngo babe bahinduka nta nkomyi. {AA 432.1}

Umwete Sawuli yakoranye agira ngo akoranye abantu ntiwamuhiriye. Abonye asigaranye abasirikare magana atandatu gusa, yavuye i Gilugali ajya mu gihome cy' i Geba, cyari cyarambuwe Abafilisitiya. Iki gihome cyari gihereereye mu majyepfo y'ikibaya cy'umutagwe, ku birometero bike mu majyaruguru y'i Yerusalemu. Mu majyaruguru y'icyo kibaya, i Mikimashi, ni ho ingabo z'Abafilisitiya zari zigerereje, kandi imitwe yazo ikajya hirya no hino kwararika igihugu. {AA 432.2}

Imana yemeye ko habaho akaga nk'ako kugira ngo icyahe Sawuli kandi yigishe ubwoko bwayo kwicisha bugufi no kwizera. Kubera icyaha Sawuli yakoze yihandagaza agatamba igitambo, Uwiteka ntiyamuhaye icyubahiro cyo kunesha Abafilisitiya. Ahubwo Yonatani, umwana w'umwami nyamara wubahaga Imana, ni we watoranyijwe ngo abe igikoresho cyo gukorora Abisiraheli. Yonatani akoreshwejwe n'imbaraga iturutse ku Mana, yabwiye uwari umutwaje intwaro yuko bagenda rwihishwa bakajya gutera mu rugerero rw'abanzi. Yaramubwiye ati: "Ahari Uwiteka hari icyo yadukorera, kuko nta cyabuza Uwiteka gukiza, akirishije benshi cyangwa bake." {AA 432.3}

Uwo wamutwazaga intwaro kuko na we yari umugabo wizera kandi usenga, yamushyigikiye muri uwo mugambi, maze bombi basohoka mu rugerero rwabo rwihishwa kugira ngo hatagira ubabuza umugambi wabo. Basenga Umuyobozi wa ba

sekuruza bakomeje, maze bemeranya ikimenyetso cyo kubereka uko babigenza. Bamanukiye mu mukoke wari utandukanyije ingabo zo ku mpande zombi, maze bagenda bomboka banyura munsi y'igitare cyari gikingirijwe uruhande rumwe n'udusozi two muri icyo kibaya. Bageze hafi y'igihome cy'Abafilisitiya, abanzi babo barababonye maze bavugana agasuzuguro bati: "Dore Abaheburayo basesurutse mu myobo bari bihishemo ... Nimuzamuke tubone icyo tuberaka," byashakaga kuvuga ko bajyaga guhana abo Bisirayeli kubera guhangara kwabo. Ayo magambo babwiwe n'Abafilisitiya ni yo Yonatani na mugenzi we bari bemeranyije yuko nibabibona bibabera ikimenyetso cy'uko Uwiteka arabaha ishya mu mugambi wabo. Abo barwanyi bombi bahitamo kunyura mu kayira katari kazwi n'Abafilisitiya, bahitamo kunyura mu kayira kihishe kandi kabi cyane, maze baragenda bagera mu mpinga y'akanunga Abafilisitiya bibwiraga ko katagerwaho, kandi ntikari karinzwe cyane. Nuko binjira rugerero rw'abanzi maze bica abarinzi, batigeze babarwanya kuko bari babaguye gitumo kandi batahwa n'ubwoba.

{AA 432.4}

Abamarayika bo mu ijuru barinze Yonatani n'uwari umutwaje intwaro; abamarayika barabarwaniriye, maze bica Abafilisitiya bagwa imbere yabo. Isi yahinze umushyitsi nk'aho hari haje abantu benshi bagendera ku mafarashi n'amagare. Yonatani yamenye ko ibyo ari ibimenyetso by'ubufasha bw'Imana, ndetse n'Abafilisitiya bamenye ko hari icyo Imana iri gukora kugira ngo ikize Abisiraheli. Ingabo z'Abafiilisitiya zaba izari mu rugerero n'izari zagiye kwararika igihugu, zagize ubwoba bwinshi maze muri ako kayubi bitewe no kwitiranya ingabo zabo n'iz'abanzi, Abafilisitiya batangira kwicana. {AA 433.1}

Bidatinze urusaku rw'intambara rugera mu rugerero rw'Abisiraheli. Abarinzi b'umwami bazana inkuru yuko mu Bafilisitiya hacitse igikuba gikomeye kandi yuko umubare wabo ugumya kugabanuka. Nyamara byari bizwi ko nta ngabo z'Abisiraheli zavuye mu rugerero rwabo. Bagenzuye neza basanze ko abantu bose abahri uretse Yonatani n'uwamutwazaga intwaro. Ariko babonye yuko Abafilisitiya bahunga, Sawuli na we ayobora ingabo ze ajya kubarwanya. Ubwo n'Abaheburayo bari baracitse benewabo bagasanga abanzi barabahindukirana barabarwanya; abandi benshi bava aho bari bihishe, maze uko Abafilisitiya bahungaga, ni ko ingabo za Sawuli zabicagamo benshi cyane. {AA 433.2}

Kuko Sawuli yashakaga gukoresha ayo mahirwe yari agize, akagera ku byashobokaga byose, yafashe icyemezo huti huti cyo kubuza ingabo ze kugira icyo zirya umunsi wose, maze ashimangira iryo tegekoye avuga ati: "Havumwe umuntu wese ugira icyo arya butaragoroba, ntaramara guhora ababisha banjye." Intsinzi yari yamaze kugerwaho Sawuli atabizi kandi atabigizemo uruhare, ariko yibwiraga yuko azagaragaza ubutwari

arimbuye rwose izo ngabo zahungaga. Itegeko ryo kubuza ingabo kurya ryaturutse ku mutima wo kwikunda kandi ryagaragaje ko umwami atita ku byo abo ayobora bakeneye iyo ibyo bakeneye binyuranya n'umugambi we wo kwishyira hejuru. Gushimangira iryo tegeko yari atanze akoresheje indahiro byagaragaje ko Sawuli ari igihubutsi kandi ko atejejwe. Amagambo ubwayo yakoresheje muri uwo muvumo agaragaza ko umuhati wa Sawuli wari ugamije inyungu ze, atari icyubahiro cy'Imana. Ntiyavuze yuko umugambi we ari uko "Uwiteka yahora abanzi be" ahubwo yaravuze ati: "kugira ngo mpore ababisha banjye." {AA 433.3}

Uko kubabuza byateye abantu kwica itegeko ry'Imana. Bari biriwe barwana umunsi wose kandi bari bashonje; maze igihe bari babujijwe kurya kirangiye bahita bafata iminyago maze baryana inyama amaraso, bityo baba bishe itegeko ryabuzanyaga kurya amaraso. {AA 433.4}

Ubwo barwanaga ku manywa, Yonatani utari wumvise itegeko ry'umwami, acumura atabigambiriye maze arya ubuki buke aho yari anyuze mu ishyamba. Bugorobye Sawuli yamenye ko Yonatani yariye. Sawuli yari yavuze yuko urenga ku itegeko rye ahanishwa urupfu; kandi nubwo Yonatani atariho urubanza rw'icyaha yakoze yabigambiriye, kandi nubwo Imana yari yarinze ubugino bwe mu buryo bw'igitangaza ndetse ikaba yarikoye ubwoko bwayo imukoresheje, umwami yavuze ko akwiriye guhanwa akicwa. Kuri Sawuli kutica umuhungu we byari kugaragaza ko we ubwe yakoze icyaha ubwo yatangaga iyo ndahiro ihutiyeho icyo. Ibyo byari gukoza isoni ubwibone bwe. Yaciye iteka rikomeye agira ati: "Yonatani, nudapfa, Imana ibimpore, ndetse bikabije." {AA 433.5}

Sawuli ntiyari ashishikajwe n'icyubahiro gikomotse ku ntsinzi, ahubwo yibwiraga ko yakubahirwa umurava we wo gutuma abantu batarenga ku kudakuka kw'indahiro ye. Yagombaga gushimangira mu bo ayobora ko ubutware bw'umwami bugomba guhama ndetse kubw'ibyo n'umwana we akaba agomba gupfa. Mbere y'icyo gihe gato, i Gilugali Sawuli yari yihandagaje ajya gukora umurimo w'umutambyi kandi ibyo byari bihabanye n'Itegeko ry'Imana. Ubwo Samweli yamucyahaga, yatanze urwitwazo nyamara yinangiye. Ariko noneho ubwo itegeko yari yatanze ryicwaga (nubwo ryari itegeko ritari rifite ishingiro ndetse rikaba ryari ryishwe nyamara uryishe atarizi), umwami ari nawe se wa Yonatani yategetse ko umwana we yicwa. {AA 434.1}

Ariko abantu banga yuko icyo gihano cyatangwa. Bemera guhangana n'uburakari bw'umwami maze baravuga bati: "Mbese Yonatani yapfa kandi ari we wazaniye Isiraheli agakiza kangana gatyo? Biragatsindwa. Turahiye Uwiteka Uhoraho, ntihagira agasatsi na kamwe ko ku mutwe we gapfuka ngo kagwe hasi; kuko uyu munsi yakoranye n'Imana." Uyu mwami warangwaga n'ubwibone ntiyahangaye kuvuguruza abo bantu maze Yonatani ararokoka. {AA 434.2}

Sawuli ntiyashoboraga kwemera ko umuhungu we yakwemererwa n’abantu ndetse n’Imana imbere ye. Kurokorwa kwa Yonatani byabaye gucyaha gukomeye ku buhubutsi bw’umwami. Sawuli yagize ibitekerezo muri we bimubwira yuko imivumo yari yavuze ari we izagarukira. Ntiyongeye gukomeza kurwanya Abafilisitiya, ahubwo yigarukira iwe amanjiriwe kandi atanyuzwe. {AA 434.3}

Abantu bahora biteguye gutanga inzitwazo ku byaha bakora akenshi nibo usanga ari inkazi mu gucira abandi urubanza. Abantu benshi nka Sawuli, bishyiraho kutanezeza Imana, nyamara banga inama bagirwa kandi bagasuzugura gucyahwa. N’iyo bamenye neza yuko Uwiteka atari kumwe na bo, banga kwemera yuko ntandaro y’ingorane bafite. Bihambira ku mutima w’ubwibone n’ubwirasi, ari na ko bacira abandi urubanza rukomeye cyangwa bagacyaha cyane ababarusha imico myiza. Byaba byiza abo bacamanza babaswe n’inarinjye batekereje ku magambo Yesu yavuze ati: “Kuko urubanza muca ari rwo muzacirwa namwe, urugero mugeramo ari rwo muzagererwamo namwe.” Matayo 7:2. {AA 434.4}

Kenshi abashaka kwishyira hejuru bagezwa mu myanya aho imico yabo nyakuri ishyirwa ahagaragara. Ni ko byagendekeye Sawuli. Imikorere ye yemeje abantu ko icyubahiro n’ubutegetsi bimurutira ubutabera, imbabazi, cyangwa kugira neza. Nguko uko abantu babonye ifuti ryabo ryo kwanga ubyobozi Imana yari yarabahaye bakisabarira umwami. Umuhanuzi w’umukiranutsi wabasabiraga imigisha bari baramuguranye umwami wari warabasabiye umuvumo binyuze mu bwira bwe bwuzuye ubuhumyi. {AA 434.5}

Iyo abagabo bo mu Bisiraheli batahagoboka ngo bakize ubugingo bwa Yonatani, umurengezi wabo aba yarishwe azize iteka umwami yari yaciye. Mbega ukuntu nyuma y’ibyo abantu batongeye kugirira icyizere ubuyobozi bwa Sawuli! Mbega ngo abantu barababazwa no gutekereza ko yimitswe ari bo biturutseho! Uwiteka yihanganira kutava ku izima kw’abantu kandi aha abantu bose amahirwe yo kubona no kuzinukwa ibyaha byabo; ariko nubwo byasa n’aho Uwiteka aha gutunganirwa abirengagiza ubushake bwe kandi bagasuzugura imiburo ye, byanze bikunze igihe yagenye nikigera, azagaragaza ubupfapfa bwabo. {AA 434.6}

IGICE CYA 61 - SAWULI ANYAGWA UBWAMI

Sawuli yari yaratsinzwe n'ikigeragezo cyo kwizera mu bihe bikomeye ubwo yari i Gilugali, kandi yarasuzuguje umurimo w'Imana; ariko amakosa ye yari ataragera aho atakosorwa bityo Uwiteka amuha andi mahirwe yo kwiga icyigisho cyo kwizera ijambo rye atajijinganya ndetse no kumvira amategeko ye. {AA 436.1}

Igihe Sawuli yacyahwaga n'umuhanuzi Samweli i Gilugali, Sawuli yabonye ko nta cyaha gikomeye kiri mu byo yakoze. Yatekereje yuko arenganye maze ashaka uko yakwerekana ko afite ukuri mu bikorwa bye, atanga n'inzitwazo ku ikosa yari yakoze. Samweli yakundaga Sawuli nk'umwana we, ariko Sawuli wiyemeraga kandi akarakara vuba, yubahaga uwo muhanuzi nyamara yangaga ko Samweli amucyaha bituma ahora yirinda kubonana na we. {AA 436.2}

Nyamara Uwiteka yohereje umugaragu we ngo azanire Sawuli ubundi butumwa. Kubwo kumvira yagombaga kugaragaza kumvira Imana kwe ndetse no kugaragaza ko ari umuntu ukwiriye kugendera imbere y'Abisiraheli. Umuhanuzi Samweli yasanze umwami maze amubwira ijambo ry'Uwiteka. Kugira ngo uwo mwami abone akamaro ko kumvira itegeko, Samweli yavuze yeruye ko amagambo azanye ayatumwe n'Uwiteka wahaye Sawuli kwicara ku ntebe ya cyami. Umuhanuzi Samweli yaravuze ati: "Uwiteka Nyiringabo avuze ngo: 'Nibutse ibyo Abamaleki bagiriye Abisiraheli, ubwo babatangiraga mu nzira bava muri Egiputa. None genda urwanye Abamaleki, ubarimburane rwose n'ibyo bafite byose, ntuzababababarire; ahubwo uzice abagabo n'abagore, n'abana b'impinja n'abonka, inka n'intama, ingamiya n'indogobe." Abamaleki ni bo babaye aba mbere mu kurwanya Abisiraheli mu rugendo rwabo mu butayu; kandi kubera iki cyaha cyiyongeyeho no gusuzugura Imana kwabo no gusenga ibigirwamana, Uwiteka yari yarabaciriyeho iteka abinyujije kuri Mose. Amateka y'ubugizi bwa nabi bwabo bagiriye Abisiraheli yanditswe mu bitabo kubw'amabwiriza y'Imana yavugaga ati: "Uzakureho rwose kwibukwa kw'Abamaleki, ngo bibagirane mu bo munsi y'ijuru bose; ntuzabyibagirwe." Gutegeka kwa Kabiri 25:19.

{AA 436.3}

Imyaka magana ane yose yarashize icyo gihano kigumya gusubikwa; ariko Abamaleki ntibareka ibyaha byabo. Uwiteka yari azi ko biramutse bishobotse Abamaleki batsemba Abisiraheli ari bo bwoko bwe ndetse bakanakuraho kumuramya mu isi. Igihe cyari kigeze kugira ngo noneho igihano cyasubitswe igihe kirekire gityo, gitangwe. {AA 436.4}

Kwihanganira abanyabyaha kw'Imana gutuma abantu barushaho kwinangira mu

bugome; nyamara byanze bikunze igihano cyabo kizabaho ndetse kizaba gikomeye cyane bitewe n’uko kizaba cyaratindijwe igihe kirekire. “Uwiteka azahaguruka nk’uko yahagurutse ku musozi Perasimu, azarakara nk’uko yarakariye mu kibaya cy’i Gibeyoni ngo akore umurimo we, ari wo murimo we w’inzaduka, uwo murimo we w’inzaduka azawusohoza.” (Yesaya 28:21). Ku Mana yacu y’inyambabazi, guhana ni igikorwa cy’inzaduka. “Ndirahiye, sinezezwa no gupfa k’umunyabyaha, ahubwo nezezwa n’uko umunyabyaha ahindukira, akava mu nzira ye maze akabaho.” Uwiteka ni “Imana y’ibambe n’imbabazi, itinda kurakara, ifite kugira neza kwinshi n’umurava mwinshi,...ibababarira gukiranirwa n’ibicumuro n’ibyaha. ” Nyamara ntitsindishiriza na hato abo gutsindwa.” (Ezekiyeli 33:11; Kuva 34:6, 7). Nubwo Imana itishimira guhora, izahana abica amategeko yayo. Biba ngombwa ko ibigenza ityo kugira ngo irinde abatuye ku isi gusaya mu byaha no kurimbuka. Kugira ngo Imana igire abo ikiza, igomba gukuraho abinangiriye mu byaha. “Uwiteka ntiyihutira kurakara, afite ububasha bwinshi kandi ntabwo yatsindishiriza utsinzwe n’urubanza.” (Nahumu 1:3). Yifashishije ibikomeye mu butungane bwayo Imana izarengera ubutware bw’amategeko yayo yakandagiwe. Kandi kuba Imana itinda guhana bigaragaza gukomera kw’ibyaha bituma habaho ibihano byayo ndetse n’uburemere bw’ibihembo bitegereje abica amategeko. {AA 436.5}

Ariko igihe Imana yatangaga igihano, yibutse kugira imbabazi. Abamaleki bagombaga kurimburwa, ariko Abakeni bari babatuye hagati bararokowe. Nubwo ubwo bwoko bw’Abakeni bwari butaratandukana n’ibigirwamana burundu, basengaga Imana kandi bakundaga Abisiraheli.

{AA 437.1}

Muri ubu bwoko harimo muramu wa Mose witwaga Hobabu, wari waraherekeje Abisiraheli mu ngendo bakoze mu butayu, kandi kubera ko yari azi icyo gihugu, yari yarabafashije bikomeye. {AA 437.2}

Kuva igihe Abafilisiya batsindirwaga i Mishimashi, Sawuli yagiye arwanya Abamoni, Abamowabu n’Abedomu, Abamaleki ndetse n’Abafilisitiya; kandi aho yagabaga ingabo hose yaratsindaga. Ubwo yabwirwaga kurwanya Abamaleki, yahise ajya kubatera. Itegeko yatanze ryashimangiwe n’umuhanuzi, maze ubwo yahururizaga abagabo bo mu Bisiraheli kujya ku rugamba, benshi baramwitabye. Ntabwo icyo gitero cyagombaga kugabwa mu mugambi wo kwishyira hejuru; Abisiraheli ntibagombaga guhabwa icyubahiro cy’uko banesheje cyangwa ngo bajyane iminyago y’abanzi babo. Bagombaga kujya ku rugamba gusa ku bwo kubaha Imana, no kubw’umugambi wo gushyira mu bikorwa iteka yari yaciriye Abamaleki. Imana yari ifite umugambi wo kwereka amahanga yose kurimbuka k’ubwo bwoko bwari bwarasuzuguye ubutware bwayo, kandi bikagaragara ko barimbuwe n’abo bari barasuzuguye. {AA 437.3}

“Maze Sawuli yica Abamaleki uhereye i Havila ukajya i Shuri, hateganye na Egiputa. Afata mpiri umwami wabo Agagi, arimbuza rwose abantu bose inkota. Ariko Sawuli n’abari kumwe na we barokora Agagi n’inyamibwa z’intama n’inka z’indatwa n’ikintu cyose cyiza banga kubirimbura rwose; ahubwo ikintu cyose kigawa kidafite umumaro baba ari cyo barimbura rwose.” {AA 437.4}

Uko kunesha Abamaleki ni ko kwabaye intsinzi ikomeye cyane iruta izo Sawuli yagize zose, kandi kwabyukije ubwibone bw’umutima we ari bwo ahanini bwarimbuje Sawuli. Itegeko ry’Imana ryasabaga ko abanzi bayo barimburwa burundu ryubahirijwe by’igice. Kuko yifuzaga gusingizwa atabarutse yanesheje azanye umwami yafashe mpiri, Sawuli yashatse kwigana imico y’amahanga yari amukikije maze ntiyica Agagi wari umwami w’Abamaleki wari umugome kandi wakundaga intambara. Abantu bigumaniye imikumbi myiza cyane, amashyo, n’amatungo yo gutwara imitwaro, batanga urwitwazo ku cyaha cyabo bavuga ko ayo matungo ateganyirijwe kuzayatambira Uwiteka. Nyamara bari bafite umugambi wo kuyasimbuza amatungo yabo bwite. {AA 437.5}

Noneho Sawuli yari ageze imbere y’ikigeragezo cye giheruka. Kubona Sawuli yarihanfdagaje agaca ku bushake bw’Imana abishaka, byerekanye yuko atajyaga kwizerwa ngo ahabwe ubushobozi bwo gutegeka ngo abe uwungirije Uwiteka. Ubwo Sawuli n’ingabo ze bari batashye banezerewe ku bwo kunesha, mu rugo rw’umuhanuzi Samweli hariyo agahinda kenshi. Samweli yari yahawe ubutumwa buturutse ku Uwiteka bunenga ibyo umwami yakoze buvuga buti: “Nicujije icyatumye nimika Sawuli kuko yateshutse akanga kunyoboka, ntasohoze amategeko yanjye.” Uwo muhanuzi yaborozwaga cyane n’ibyo uwo mwami wigomekaga yakoze, maze arara arira kandi asenga ijoro ryose kugira ngo Imana ye kumuhana icyo gihano gikomeye. {AA 438.1}

Kwicuza kw’Imana si nko kwicuza k’umuntu. “Ibera Isirayeli amaboko ntibeshya, kandi ntiyihana kuko atari umuntu ngo yihane.” Kwihana k’umuntu ni uguhindura imigambi. Naho kwicuza kw’Imana ni uguhindura amasano n’uburyo ibintu bimeze. Umuntu ashobora guhindura isano agirana n’Imana akemera kugendera mu byatuma agirira umugisha ku Mana, cyangwa ashobora kwivana ku byamuhesha imigisha bitewe n’ibyo akoze ubwe. Ariko Imana ntihinduka, uko “yari ejo ni ko iri n’uyu munsi kandi ni ko izahora iteka” (Abaheburayo 13:8). Kutumvira kwa Sawuli kwahinduye isano yagiranaga n’Imana; ariko ibyo Imana yamushakagaho kugira ngo imwemere ntibyahinduwe — ibyo Imana isaba byakomeje kuba bya bindi, kuko muri yo nta guhinduka kubamo, cyangwa ago habe n’igicucu cyo guhinduka. Yakobo 1:17. {AA 438.2}

Bukeye umutima umurya, uwo muhanuzi yagiye gusanganira uwo mwami wari wacumuye. Samweli yabonaga yuko Sawuli ari butekereze akamenya ko yakoze icyaha

maze kubwo kwihana no kwicisha bugufi akongera kwemerwa n’Imana. Nyamara iyo mu nzira yo kwigomeka hatewe intambwe ya mbere, iyo nzira igera aho ikoroha. Sawuli wari wateshejwe agaciro no kutumvira, yaje gusanganira Samweli amubeshya. Yaravuze ati: “Uwiteka aguhire. Dore nashohoje itegeko ry’Uwiteka.” {AA 438.3}

Amajwi yinjiye matwi y’uwo muhanuzi yavuguruje ibyo uwo mwami utarumviraga yari avuze. Umuhanuzi Samweli amubajije ikibazo gikomeye ati: “Ariko uko gutama kw’intama kunza mu matwi, no guhogerana kw’inka numva, bigenda bite?” Sawuli yaramusubije ati: “Bazivanye mu Bamaleki, kuko abantu barokoye inyamibwa z’intama n’inka z’indatwa, ngo ni izo gutambira Uwiteka Imana yawe; naho ihindi byose twabirimbuye rwose.” Abantu bari bumviye amabwiriza ya Sawuli, ariko kugira ngo bitamubarwaho, yahisemo gushyira ku bantu icyaha cyo kutumvira kwe. {AA 438.4}

Ubutumwa bwo kurekwa kwa Sawuli bwateye umutima wa Samweli umubabaro utavugwa. Bwagombaga kuvugirwa imbere y’ingabo zose z’Abisiraheli ubwo bari buzuwe n’ubwirasi n’ibyishimo bitewe no kunesha kwari kwitiriwe ubutwari n’ubuyobozi byiza by’umwami wabo, kubera ko Sawuli atari yagaragaje uruhare rw’Imana muri uko kunesha Abisiraheli bari bagize muri iyo ntambara. Ariko igihe umuhanuzi yabonaga igihamya cyo kwigomeka kwa Sawuli, yakozwe n’isoni kubwo kubona ko uwari yarahawe icyubahiro n’Imana mu buryo bukomeye agomera amategeko y’ijuru, ndetse akanashora Abisiraheli mu cyaha. Ntabwo Samweli yashutswe n’uburiganya bw’umwami. Samweli afite agahinda kavanze n’umubabaro yaravuze ati: “Ba uretse nanjye nkubwire ibyo Uwiteka yaraye ambwiye iri joro . . . Mbese nubwo wigayaga, ntiwagizwe umutware w’imiryango ya Isiraheli? Uwiteka ntiyakwimikishije amavuta ngo ube umwami wa Isiraheli?” Yamusubiriyemo itegeko ry’Uwiteka ryerekeranye n’Abamaleki maze amubaza impamvu yo kutumvira kwe. {AA 438.5}

Sawuli yakomeje kwinangira yiregura: “Ariko kumvira numviye Uwiteka. Nagiye muri iyo nzira yanyoherejemo; nzana Agagi umwami w’Abamaleki, n’Abamaleki ndabarimbura rwose. Ariko abantu ni bo benzeho intama n’inka zarutaga izindi ubwiza mu zarimburwaga, kugira ngo babitambirire Uwiteka Imana yawe i Gilugali.” {AA 439.1}

Mu magambo akomeye, uwo muhanuzi yanze urwo rwitwazo rw’ibinyoma maze avuga aya magambo adasubirwaho ati: “Mbese Uwiteka yishimira ibitambo byoswa n’ibindi bitambo kuruta uko yakwishimira umwumviye? Erega kumvira kuruta ibitambo, kandi kwitonda kukaruta ibinure by’amasekurume yintama. Kuko ubugome busa n’icyaha cy’uburozi, kandi n’udakurwa ku ijambo asa n’uramya ibishushanyo. Ubwo wanze ijambo ry’Uwiteka, na we yanze ko uba ku ngoma.” {AA 439.2}

Umwami yumvise ayo magambo ateye ubwoba, araboroga ati: “Naracumuye, ubwo nishe itegeko ry’Uwiteka n’amagambo yawe, kuko natinye abantu nkabumvira.” Sawuli

atewe ubwoba n’uko umuhanuzi amuvuguruje, noneho yemeye icyaha cye yari yanze kwemera mbere yinangira; ariko kandi akomeza kubihererereza ku bantu, avuga ko yakoze icyaha bitewe no kubatinya. {AA 439.3}

Ntabwo kubabazwa n’icyaha ari ko kwateye umwami w’Abisiraheli kwemera icyaha cye, ahubwo yabitewe no gitinya igihano cyacyo, bityo yinginga Samweli agira ati: “Noneho ndakwinginze, mbabarira icyaha cyanjye, kandi uhindukirane nanjye kugira ngo nsenge Uwiteka.” Iyo Sawuli aba yihanye by’ukuri, yajyaga kwatura icyaha cye ku mugaragaro; ariko icyo yari arangamiye cyane ni ukugumana ubutegetsi bwe kandi abantu bagakomeza kumwubaha. Yifuzaga yuko Samweli yaguma aho kugira ngo akomeze icyubahiro yari afite ku ishyanga ryose. {AA 439.4}

Uwo muhanuzi yaramusubije ati: “Sindi busubiraneyo na we. Kuko wanze ijambo ry’Uwiteka, na we yanze ko uba umwami wa Isirayeli.” Samweli ahagurutse ngo agende, uwo mwami agira ubwoba, afata umwenda we ngo amugarure, hanyuma umucikira mu ntoke. Bibaye bityo, umuhanuzi aravuga ati: “Uwiteka na we aguciye ku ngoma ya Isirayeli uyu munsi, ayihaye umuturanyi wawe ukuruta.” {AA 439.5}

Sawuli yabujijwe amahwemo cyane no kwangwa n’umuhanuzi kuruta uko yayabujijwe no kutishimirwa n’Imana. Yari azi ko abantu biringira umuhanuzi cyane kumurusha. Sawuli yiyumvisemo ko bitazashoboka ko aguma ku butegetsi bwe nihagira undi usigirwa amavuta kuba umwami kubw’itegeko ry’Imana. Yahise atinya ko Samweli ashobora kumutererana. Sawuli yinginze umuhanuzi kugira ngo amwubahirize imbere y’abatware na rubanda abinyujije mu kwifatanya nawe mu muhango wo kuramya Imana mu ruhame. Abitegetswe n’Imana, Samweli yemeye icyifuzo cy’umwami kugira ngo hatabaho kwivumbagatanya. Ariko yagumye aho abirebesha amaso yicecekeye.

{AA 439.6}

Igikorwa cy’ubutabera, gikomeye cyane kandi giteye ubwoba, cyari kigiye gukorwa. Samweli yagombaga kugaragaza icyubahiro cy’Imana mu ruhame kandi agacyaha imikorere ya Sawuli. Samweli yategetse ko bamuzanira umwami w’Abamaleki. Ku isonga ry’abantu bose bari baratsinzwe n’inkota y’Abisiraheli, Agagi ni we wari ruharwa, ntiyagiraga imbabazi; ni we wari yaranze kandi ashaka uko yarimbura ubwoko bw’Imana, kandi yari yarateje imbere cyane gusenga ibigirwamana. Yitabye uwo muhanuzi ashinjagira yibwira ko atagipfuye. Samweli yaravuze ati: “Nk’uko inkota yawe yahinduraga abagore imfusha, ni ko na nyoko azaba imfusha mu bandi bagore. Nuko Samweli atemagurira Agagi imbere y’Uwiteka.” Ibyo birangiye Samweli asubira iwe i Rama na Sawuli ajya iwe i Gibeya. Nyuma y’icyo gihe umuhanuzi Samweli yongeye guhura n’umwami incuro imwe gusa. {AA 439.7}

Igihe yatoranyirizwaga kuba umwami, Sawuli yari afite kwicisha bugufi azirikana

ubushobozi bwe buke, kandi yabaga afite ubushake bwo kugirwa Imana. Ntiyari afite ubwenge buhagije n'ubunararibonye kandi imico ye yari ifite inenge zikomeye. Ariko Uwiteka yamuhaye Mwuka Muziranenge ngo amubere umuyobozi n'umufasha, ndetse imushyira aho yajyaga gukuza imico yari ikenewe ku mutegetsi w'Abisiraheli. Iyo akomeza kwicisha bugufi, agahora ashaka kuyoborwa n'ubwenge mvajuru, aba yarabashishijwe gusohoza neza inshingano zajyanaga n'umurimo we ukomeye ndetse bikamwubahisha. Kubw'ubuntu bw'Imana, umuco mwiza wose wamurangaga wajyaga kongererwa imbaraga, naho ingeso mbi zose zigacika intege. Uwo ni wo murimo Uwiteka asezerana gukorera abamwiyegurira bose. Hari abantu benshi yahamagariye kujya mu nshingano mu murimo we bitewe n'uko bafite umutima wicisha bugufi kandi wemera kwigishwa. Mu buntu bwe, Uwiteka abashyira aho bashobora kumwigiraho. Azabahishurira inenge ziri mu mico yabo, kandi abashaka gufashwa nawe bose azabaha imbaraga zo gukosora amakosa yabo. {AA 440.1}

Ariko Sawuli yagize ubwira bwo kwikuza maze kubwo kutizera no gusuzugura ntiyubaha Imana. Nubwo Sawuli agitoranyirizwa kuba umwami yari acishije bugufi kandi atiyiringira, kuzamuka mu ntera kwatumye yiyiringira. Intsinzi ya mbere yagize mu bwami yari yarakongeje ubwibone bwo mu mutima ari bwo bwajyaga kumushyira mu kaga gakomeye. Ubutwari n'ubuhanga mu ntambara yagaragaje akiza ab' i Yabeshi -galeyadi byateye ubwuzu ishyanga ryose. Abantu bubashye umwami wabo, bibagirwa ko ari igikoresho Imana yakoreshaga; kandi nubwo ku ikubitiro yabanje guha Imana icyubahiro, nyuma yaho yaje kwiha cya cyubahiro yahaga Imana. Yirengagije ko abeshejweho n'Imana, hanyuma mu mutima ava ku Uwiteka. Uko ni ko icyaha cyo kwihandagaza no gukora ibidakorwa i Gilugali cyateguriwe inzira. Uko kwiyemera mu buhumyi ni ko kwatumye atumvira ibyo Samweli amuhana. Sawuli yari azi ko Samweli ari umuhanuzi watumwe n'Imana; kubw'ibyo aba yaeremeye gucyahwa nubwo we ubwe atashoboraga kubona ko yacumuye. Iyo agira ubushake bwo kubona neza no kwatura igicumuro cye, izo ngorane yagize zajyaga kumubera umurinzi mu gihe kizaza. {AA 440.2}

Kandi iyo Uwiteka aba yaritandukanyije na Sawuli burundu, ntabwo aba yarongeye kugira icyo amubwira abinyujije ku muhanuzi we, akamuha umurimo wihariye agomba gukora kugira ngo akosore amakosa yakoze mu gihe cyashize. Igihe umuntu uvuga ko ari umwana w'Imana atagize icyo yitaho mu gukora ibyo Imana ishaka, kubw'ibyo agatera abandi kutubaha no kutita ku byo Uwiteka ategeka, biba bigishoboka ko gutsindwa yagize kwahindurwamo intsinzi aramutse yemeye gucyahwa afite umutima umenetse by'ukuri ndetse akagarukira Imana afite kwizera no kwicisha bugufi. Gukorwa n'isoni bitewe no gutsindwa akenshi biba umugisha binyuze mu kutwereka ko tudashobora gukora ibyo Imana ishaka tudafashijwe nayo. {AA 440.3}

Igihe Sawuli yirengagizaga gucyahwa yohererejwe na Mwuka Muziranenge kandi

akinangira mu kwinangira kwe yigira intungane, yari yanze uburyo bumwe rukumbi Imana yari gukoresha kugira ngo imukize kamere ye. Yari yaritandukanyije n'Imana ubwe abyihitiyemo. Ntabwo yashoboraga kubona ubufasha n'ubuyobozi mvajuru ataragarukira Imana binyuze mu kwatura icyaha cye. {AA 441.1}

Igihe yari i Gilugali, Sawuli yari yaragaragaje umuhati ukomeye ubwo yahagararaga imbere y'ingabo z'Abisiraheli agatambira Imana igitambo. Umuhango w'idini wakozwe unyuranyije n'itegeko ry'Imana nta kindi wamumariye uretse kumuca intege, bikamujyana kure y'ubufasha Imana yashakaga kumuha. {AA 441.2}

Mu rugamba rwe arwanya Abamaleki, Sawuli yatekerezaga ko yakoze ibyari ingenzi byose mu byo Uwiteka yari yaramutegetse; ariko Uwiteka ntiyanejejwe no kumvira by'igice, cyangwa ngo ashake kwirengagiza ibyari bititaweho muri iyo mpamvu yasaga n'iyakwemerwa. Nta mudendezo Imana yahaye abantu wo kugira ngo bareke gukora ibyo ishaka. Uwiteka yari yarabwiye Abisiraheli ati: "Ntimuzakore . . . aho umuntu wese akora ibyo abona ari byiza;" ahubwo "witondere kandi wumvire aya magambo ngutegeka yose." Gutegeka kwa Kabiri 12:8, 28. Mu gihe dufata umwanzuro w'icyo twakora icyo ari cyo cyose, ntabwo tugomba kubaza niba dushobora kubona ko hari akaga kazabiturukamo, ahubwo dukwiye kwibaza bihuje n'ubushake bw'Imana. "Hariho inzira itunganiye umuntu, ariko iherezo ryayo ni inzira z'urupfu." Imigani 14:12. {AA 441.3}

"Kumvira kuruta ibitambo." Ibitambo ubwabyo nta gaciro byari bifite mu maso y'Imana. nta kwihangana, kwizera, n'umutima wumvira. Ku ruhande rw'uwatangaga igitambo, byari bibereyeho kugaragaza kwihana ibyaha bye no kwerekana uko yizera Kristo ndetse no kurahirira ko azumvira amategeko y'Imana. Nyamara iyo hatabagaho kwihana, kwizera n'umutima wumvira, ibitambo nta gaciro byabaga bifite. Igihe Sawuli yicaga itegeko Imana yari yatanze akavuga ko ari butambe ku by'Imana yari yagennye ko birimburwa, kwabaye gusuzugura ubutware bw'Imana ku mugaragaro. Uwo muhango wari kuba igitutsi ku Mana. Nyamara nubwo tubona icyaha cya Sawuli imbere yacu n'ingaruka cyateje, mbega ukuntu hari abantu benshi bakora nk'uko yakoze! Igihe banga kwizera no kumvira bimwe mu byo Imana ishaka, bakomeza gukorera Imana ibyo basanzwe bayikorera bijyanye n'iby'idini. Bene ibyo bikorwa Mwuka w'Uwiteka ntashobora kubyitaho. Uko abantu bashishikarira kubahiriza imihano y'idini kose, ntabwo Uwiteka ashobora kubemera igihe bakomeje kwica rimwe mu mategeko ye nkana. {AA 441.4}

"Ubugome busa n'icyaha cyo kuroga, kandi kudakurwa ku ijambo bisa n'icyaha cyo kuramya ibishushanyo." Kwigomeka byaturutse kuri Satani, kandi kwigomeka ku Mana kose guterwa na Satani. Abarwanya ubutegetsi bw'Imana bamaze kwifatanya n'umuhakanyi mukuru, kandi azakoresha imbaraga ze n'uburyarya bwe kugira ngo

yifatire intekerezo n’ibyumviro byabo ndetse ayobye imyumvire yabo. Azatuma ibintu byose bigira ishusho itari iy’ukuri. Nk’uko byagenze ku babyeyi bacu ba mbere, abakoreshwa n’umwuka we uyobya, babona gusa inyungu zikomeye bashobora guhabwa nibica amategeko. {AA 441.5}

Nta gihamya gikomeye cyane kigaragaza imbaraga iyobya ya Satani kiruta icyo abantu bayoborwa nawe bibeshya bizera ko bakorera Imana. Igihe Kora, Datani na Abiramu bigomekaga ku buyobozi bwa Mose, batekerezaga ko barwanya gusa umuntu w’umuyobozi, umuntu nka bo; ndetse bageze aho bizera ko mu by’ukuri bari gukora umurimo w’Imana. Ariko mu kwanga uwo Imana yari yaratoranyije, banze Kristo; batuka Mwuka w’Imana. No mu gihe cya Kristo, abanditsi b’Abayuda n’abakuru, bavugaga ko barwana ishyaka ryo guhesha Imana icyubahiro, ni bo babambye Umwana wayo. Umwuka nk’uwo uracyaba mu mitima y’abantu biyemeza gukurikiza ibyo bishakiye banyuranyije n’ubushake bw’Imana. {AA 441.6}

Sawuli yari afite igihamya kigaragara cyerekana ko Samweli yari yarahumekewe n’Imana. Kwigerezaho kwe yirengagiza itegeko Imana yari yatanze irinyujije mu muhanuzi byari binyuranyije n’ibyo umutimanama we wamubwiraga ndetse n’intekerezo nzima. Kwihandagaza kwarimbuye Sawuli gukwiriye kubarwa ku bupfumu bwa Satani. Sawuli yari yaragaragaje umuhati mwinshi mu gutsemba ubupfumu no gusenga ibigirwamana; nyamara mu kutumvira itegeko ry’Imana kwe, yakoreshejwe na wa mwuka urwanya Imana ndetse yari ameze rwose nk’uwahanzweho na Satani nk’uko abapfumu baba bameze; kandi igihe yari acyashwe, kwinangira yakongeye ku kwigomeka. Iyo yerura agafatanya n’abasengaga ibigirwamana, ntiyajyaga kuba atutse Mwuka w’Imana bikabije. {AA 442.1}

Gusuzugura gucyahwa n’imiburo bitangwa n’ijambo ry’Imana cyangwa Mwuka wayo ni akaga kagomeye. Nk’uko Sawuli yabigenje, abantu benshi bemera gutwarwa n’igishuko kugeza ubwo bahindutse impumyi ntibabone kamere nyayo y’icyaha. Biyemera bibwira ko bari bafite imigambi myiza kandi ko ndetse ko nta kibi bakoze ubwo batandukiraga bakarenga kubyo Imana isaba. Uko ni ko basuzugura Mwuka utanga ubuntu kugeza ubwo ijwi rye ritongera kumvikana, maze abo bantu bagasigara mu buyobe bahisemo. {AA 442.2}

Imana iha Abisiraheli umwami Sawuli, yari ibahaye uwo bifuzaga, nk’uko Samweli yavuze ubwo Sawuli yimikirwa i Gilugali ati: “Nuko none dore umwami mwitoranirije kandi mwasabye.” (1 Samweli 12:13). Igihagararo cye n’uburanga bwe byari bihuje n’igitekerezo cyabo cy’uko bibwiraga ko umwami agomba kuba ameze; ndetse babonaga yuko ubutwari n’ubushobozi bye mu kuyobora ingabo ari byo byari bikenewe kugira ngo ayandi mahanga abubahe kandi abatinye. Ntibumvaga ko umwami wabo akwiriye kugira imico myiza cyane yashoboraga kumubashisha gutegekana ubutabera

n’ubupfura. Ntibigeze basaba umuntu ufite imico y’indakemwa, kandi ufite urukundo no kubaha Imana. Ntibari bagishije Imana inama ku byerekeye imico umwami yagombaga kuba afite kugira ngo barinde imico yabo yihariye kandi yera nk’ubwoko bwayo yitoranyirije. Ntibashakaga inzira y’Imana ahubwo bishakiraga iyabo bwite. Kubw’ibyo, Imana yabahaye umwami umeze nk’uwo bifuzaga, uwari ufite imico isa n’iyabo. Imitima yabo ntiyumviraga Imana, ndetse n’umwami wabo ntiyagengwaga n’ubuntu mvajuru. Mu kuyoborwa n’uyu mwami, bari kwiga amasomo y’ingenzi kugira ngo babashe kubona ikosa ryabo bityo bibatere guhundukira bubahe Imana. {AA 442.3}

Nyamara kuba Uwiteka yari amaze kuha Sawuli inshingano yo kuba umwami, byatumye atamutererana. Uwiteka yatumye Mwuka Muziranenge aba kuri Sawuli kugira ngo amuhishurire intege nke ze ndetse amwereke uko akeneye ubuntu mvajuru. Iyo Sawuli yisunga Imana, Imana iba yarabanye na we. Igihe cyose ubushake bwe bwari kugengwa n’ubushake bw’Imana, igihe cyose yari kumvira ibyo Mwuka wayo amutegeka, Imana yari gutuma ahirwa mu mihati ye. Ariko igihe Sawuli yahitagamo gukora ibyo yishakiye atitaye ku Mana, Uwiteka ntiyashoboraga gukomeza kumuyobora maze biba ngombwa amuvaho. Nuko yimika “umuntu umeze nk’uko umutima we ushaka” (1 Samweli 13:14). Ntiyari umuntu uzira inenge mu mico ye, ahubwo yari wa wundi wishingikiriza ku Mana kandi akayoborwa na Mwuka wayo aho kwiyiringira ubwe. Ni uwajyaga kwemera gucyahwa no gukosorwa aramutse akoze icyaha. {AA 442.4}

IGICE CYA 62 - DAWIDI ASIGWA AMAVUTA

Ku ntera y'ibirometero bike ugana mu majyepfo ya Yerusalemu, hari umujyi wa Betelehemu, "umurwa w'Umwami ukomeye." Aho ni ho Dawidi mwene Yesayi yavukiye mu myaka isaga igihumbi mbere y'uko Yesu avukira mu muvure kandi akaramywa n'Abanyabwenge bari baturutse i Burasirazuba. Mu myaka amagana menshi mbere y'uko Umukiza aza, Dawidi akiri umuhungu mutoya, yaragiraga imikumbi ye yarishaga ku misozi mito yari ikikije Betelehemu. Uwo mushumba wacishaga make yaririmbaga indirimbo yihimbiye, kandi umuziki w'inanga ye wajyanaga neza n'amajwi y'indirimbo zasohokaga mu muhogo ugororotse wa gisore. Uwiteka yari yaratoranyije Dawidi kandi, aho yabaga wenyine mu mukumbi we, yamuteguriraga umurimo yamuteganyirije kuzakora mu myaka yajyaga kuzakurikiraho.

{AA 444.1}

Igihe Dwidi yabaga muri ubwo buzima bwa wenyine ari umushumba ucishije bugufi, Uwiteka yavuganaga na Samweli ibyerekeye uwo mushumba. "Bukeye Uwiteka abaza Samweli ati: 'Uzageza he kuririra Sawuli, kandi nanze ko aba umwami wa Isirayeli?' Uzuza ihembe ryawe amavuta ngutume kuri Yesayi w'i Betelehemu, kuko niboneye umwami mu bahungu be . . . Jyana inyana y'ishashi, nugerayo uvuge uti: 'Nzanywe no gutambira Uwiteka igitambo.' Maze uhamagare Yesayi aze ku gitambo, nanjye nzakwereka uko uzagenza, uzansukira amavuta ku wo nzakubwira. Nuko Samweli akora uko Uwiteka yavuze, ajya i Betelehemu. Agezeyo abatware b'umudugudu baza kumusanganira bahinda umushitsi. Baramubaza bati: 'Mbese uzanywe n'amahoro?' Ati: 'Ni amahoro.'" Abatware bemeye kujyana na we gutamba, maze Samweli ahamagara Yesayi n'abahungu be. Igicaniro cyarubatswe ndetse n'igitambo kirategurwa. Abana ba Yesayi bose bari bahari uretse umuhererezi Dawidi wari wasigaye aragiye intama kuko bitari byiza ko umukumbi usigara wonyine nta muntu wo kuwurinda. {AA 444.2}

Ubwo igitambo cyari kirangiye, bataratangira kurya iby'umunsi mukuru, mu gusuzuma kwe kwa gihanuzi Samweli yatangiye kwitegereza abahungu ba Yesayi. Eliyabu ni we wari mukuru, kandi yarushaga abandi gusa na Sawuli mu gihagararo no mu bwiza. Uko yasaga n'igihagararo cye cyiza byakuruye umuhanuzi. Ubwo Samweli yitegerezaga mu maso he habereye kuba umwami, yaratekereje ati: "Ni ukuri, uwo Uwiteka yimikisha amavuta nguyu imbere ye," maze ategereza amabwiriza y'Imana ngo amusukeho amavuta. Nyamara Uwiteka ntiyitaye ku buranga bw'inyuma. Eliyabu ntiyubahaga Uwiteka. Iyo ahamagarirwa kwima ingoma, yajyaga kuba umutegetsi wirata kandi urushya abantu. Uwiteka yabwiye Samweli ati: "Nturebe mu maso he, cyangwa ikirere cye ko ari kirekire namugaye, kuko Uwiteka atareba nk'uko abantu bareba. Abantu bareba ubwiza bugaragara, ariko Uwiteka we areba mu mutima." Nta buranga

bw’inyuma bushobora gutuma umuntu yemerwa n’Imana. Ubwenge n’ubuhanga bigaragarira mu miso n’imyifatire, bigaragaza uburanga nyakuri bw’umuntu; kandi agaciro k’imbere, ubwenge bwo mu mutima, ni byo bituma Uwiteka nyiringabo atwemera. Mbega uburyo dukwiriye kumva uku kuri mu buryo twitekereza n’uko dutekereza abandi! Dushobora kwigira ku kwibeshya kwa Samweli uburyo kureba ushingiye ku buranga bwo mu maso cyangwa ku gihagararo cyiza nta cyo bimaze. Tubasha kubona uko ubwenge bw’umuntu budashoboye gusobanukirwa amabanga yo mu mutima cyangwa gusobanukirwa inama z’Imana hatabayeho kumurikirwa n’ijuru mu buryo budasanzwe. Uko Imana itekereza ibiremwa byayo n’uko ibigenza birenze ubwenge bwacu bushira; ariko dukwiriye kwizera yuko abana bayo bazahabwa gukora imirimo bafitiye ubushobozi kandi bazabashishwa gusohoza umurimo bashinzwe nibaramuka beguriye ubushake bwabo mu bushake bw’Imana, kugira ngo imigambi yayo myiza itabangamirwa n’ubugome bwa muntu.

{AA 444.3}

Samweli yasuzumye Eliyabu, ndetse n’abavandimwe be batandatu bari aho muri uwo muhango bagiye bakurikiranye kugira ngo na bo basuzumwe n’uwo muhanuzi. Ariko Uwiteka ntiyerekana yuko hari n’umwe muri bo ahisemo. Samweli yitegereje umusore waherutse abandi afite agahinda kandi arumirwa. Yabajije Yesayi ati: “Abana bawe bose ni aba?” {AA 445.1}

Se w’abo bana yarasubije ati: “Hasigaye umuhererezi, ariko aragiye intama.” Samweli yasabye ko bamuhamagaza na we, aravuga ati: ‘. . .kuko tutari bujye kurya ataraza.” {AA 445.2}

Uwo mushumba wari wenyine yakangaranyijwe no guhamagarwa bitungurany en’intumwa yari imutumweho ikamubwira ko umuhanuzi yaje i Betelehemu kandi akaba amutumije. No gutangara kwinshi Dawidi yabajije impamvu umuhanuzi kandi akaba n’umucamanza wa Isiraheli yifuzaga kumubona; ariko ntiyatindiganya aritaba aragenda. “Yari umuhungu w’inzobe ufite uburanga kandi w’igikundiro.” Igihe Samweli yitegerezaga uwo muhungu w’umushumba w’intwari, wari ufite igikundiro kandi ucishije bugufi, ijwi ry’Uwiteka ryabwiye umuhanuzi riti: “Haguruka umusukeho amavuta; ni we uwo.” Dawidi yari yarerekanye ko ari intwari kandi ko ari n’umwizerwa mu murimo woroheje wo kuragira umukumbi, bityo noneho Imana ikaba yari yamutoranyije ngo abe umuyobozi w’ubwoko bwayo. “Samweli aherako yenda ihembe ry’amavuta, ayamusukiraho imbere ya bakuru be: uhereye ubwo Umwuka w’Uwiteka akajya aza kuri Dawidi cyane.” Umuhanuzi yari arangije umurimo yashinzwe maze asubira i Rama afite ihumure mu mutima.

{AA 445.3}

Samweli ntiyari yamenyekanishije iby’urugendo rwe, ndetse n’ab’umuryango wa Yese ntibari babizi kandi uwo muhango wo gusuka amavuta kuri Dawidi wakozwe mu ibanga. Kwari ukumenyesha uwo musore iby’umurimo ukomeye wari umutegereje, kugira ngo mu byo azanyuramo bitandukanye ndetse n’akaga kose ko myaka yari imbere, kumenya ibyo bizamubashishe kudateshuka ku mugambi w’Imana wagombaga gusohozwa mu mibereho ye. {AA 445.4}

Icyo cyubahiro gikomeye Dawidi yahawe nticyigeze kimutera kwirata. Nubwo yari afite uwo mwanya wo hejuru yagombaga kuzabamo, yakomeje gukora umurimo we atuje, ashimishijwe no gutegereza uko gahunda y’Imana izagenda igerwaho mu gihe cyayo no mu buryo bwayo. Acishije bugufi kandi aguwe neza nk’uko yari mbere yo gusukwaho amavuta, uwo musore w’umushumba yisubiriye mu misozi kuragira no kurinda imikumbi ye. Ariko yahimbye indirimbo ze kandi acuranga inanga ye mu buryo bushya. Imbere ye hari igihugu gikize cyane kandi cyiza mu buryo bunyuranye. Imizabibu n’amaseri yabyo ariho imbuto iyo yarasirwagaho n’izuba yararabagiranaga. Ibiti byo mu ishyamba n’amababi yabyo y’icyatsi, yahuhwaga n’akayaga gatuje. Yitegerezaga izuba risabye ikirere n’umucyo waryo, riza nk’umukwe usohotse mu cyumba cye maze akishima nk’umunyembaraga ugiye mu irushanwa ryo kwiruka. Aho yari hari impinga z’imisozi zigera ku bicu ; kandi hakurya kure yayo hari impinga z’ibihanamanga z’imisozi y’i Mowabu; kandi hejuru y’ibyo byose hari ikirere cyiza gikwiriye ijuru ryose. Hirya yacyo hari Imana. Dawidi ntiyashoboraga kubona Imana, ariko imirimo yayo yatumaga yuzura kuyisingiza. Umucyo wo ku manywa, warimbishaga amashyamba n’imisozi, ibibaya n’imigezi byateraga intekerezo ze kubona Se w’imicyo, Umuremyi w’impano yose nziza kandi itunganye. Guhishurirwa buri munsi iby’imico n’igitinyiro by’Umuremyi we, byuzuzaga umutima w’uwo musore w’umusizi gusingiza Imana n’umunezero. Kubwo kwitegereza Imana n’imirimo yayo, ubushobozi bw’ubwenge n’umutima bya Dawidi byarakuraga kandi bigahabwa imbaraga zo gukora umurimo wari umutegereje mu buzima bwe bwari imbere. Buri munsi yarushagaho gusabana n’Imana. Ubwenge bwe bwahoraga bushakisha mu nganzo nshya ingingo nshya zo gushingiraho imbirimbo ze no gukangura injyana y’inanga ye. Injyana nziza y’amajwi meza ye yasakaraga ikirere, akirangira ava mu misozi nk’aho yikiranyaga n’indirimbo z’ibyishimo z’abamarayika bo mu ijuru. {AA 445.5}

Ni nde washobora kumenya uko ingaruka z’iyo myaka y’umuruho no kuzerera mu misozi idatuwe zingana? Gusabana n’ibyaremwe ndetse n’Imana ubwayo, kwita ku mukumbi we, akaga yagiye ahura nako no kukavamo, intimba n’ibyishimo byo muri uwo murimo we ucishije bugufi, ntibari bigamije gusa kugorora imico ya Dawidi no guha icyerekezo imibereho ye y’ahazaza, ahubwo mu myaka yose yagombaga gukurikiraho, binyuze mu ndirimbo za zaburi z’umuririmbyi uhebuje mu Bisiraheli, ibyo

yanyuzemo byagombaga gukongeza urukundo no kwizera mu mitima y’ubwoko bw’Imana, bikawegereza umutima wuje urukundo wa wundi ibyaremwe byose bikesha kubaho. {AA 446.1}

Mu bwiza n’imbaraga byarangaga ubusore bwe, Dawidi yiteguraga kujya mu mwanya ukomeye hamwe n’abakomeye bo ku isi. Nk’impano z’agaciro zakomotse ku Mana, ubuhanga bwe yabukoreshaga mu kwerekana ikuzo ry’Umutangabugingo. Amahirwe yagiraga yo kwitegereza no gutekereza byamufashaga kwikungahaza mu bwenge n’ubutungane bwamuteye gukundwa n’Imana n’abamarayika. Igihe yitegerezaga ubutungane bw’Umuremyi we, gusobanukirwa Imana kurushaho byazaga mu mutima we. Ibitari bifututse byarafututse, ingorane zirakemurwa, kandi ibyari bimuhagaritse umutima biratunganywa. Umurase wose w’umucyo mushya wateraga ibyishimo bishya, kandi ukamutera kuririmba indirimbo nziza zo kwitanga no gusingiza ikuzo ry’Imana n’Umucunguzi. Urukundo rwamukoze ku mutima, agahinda yagiye agira n’intsinzi yagiye ageraho, ibyo byose byari ingingo zarangaga ibitekerezo bye; kandi uko yitegerezaga urwo rukundo rw’Imana mu byiza byose yanyuragamo mu mibereho ye, umutima we wuzuraga kuramya no gushima kurutaho. Ijwi rye ryarangururaga injyana nziza cyane, inanga ye yayicurangana ibyishimo byasabye umutima we maze uwo musore w’umushumba agakomeza kunguka imbaraga n’ubwenge, kuko Mwuka w’Uwiteka yari kuri we. {AA 446.2}

IGICE CYA 63 - DAWIDI NA GOLIYATI

Igihe umwami Sawuli yari amaze kumenya yuko Imana yamuretse, ndetse akumva uburemere bw'amagambo yo kugawa yari yabwiwe n'umuhanuzi, Sawuli yarushijeho kuzura ubugome no kwiheba. Ntabwo kwihana nyakuri ari ko kwacishije bugufi uwo mwami. Ntiyari asobanukiwe neza n'ububi bw'icyaha cye, kandi ntiyakangukiye umurimo wo kwisubiraho ngo agorore imibereho ye, ahubwo yakomeje kubabazwa n'ibyo yitaga akarengane akorewe n'Imana imukura ku ngoma mu Bisiraheli ndetse ikanga ko yazasimburwa n'umukomokaho. Yahoraga atekereza uburyo umuryango we wari ugiye kurimbuka. Yibwiraga ko ubutwari yari yaragaragaje arwanya abanzi be bushobora gukuraho icyaha cye cyo kutumvira. Ntiyiyoroheje ngo yemere igihano Imana yari yamuhaye; ahubwo umutima we w'ubwibone warihebye, kugeza ubwo yendaga gusara. Abajyanama be bamugiriye inama yo gushaka umuririmbyi w'umuhanga, bizera yuko injyana y'agahozo y'inanga nziza yashobora guturisha umutima we wari wihebye. Kubw'ubuntu bw'Imana, Dawidi wari uzwiho ubuhanga bwo gucuranga inanga, yazanywe imbere y'umwami. Gucuranga kwe kwiza kwabaga kuyobowe n'Imana kwatanze icyo bifuzaga. Umunabi wari watwikiriye intekerezo za Sawuli nk'igicu cyijimye wereyukaga. {AA 447.1}

Iyo yabaga atatumijwe ibwami ka Sawuli, Dawidi yisubiriraga kuragira imikumbi ye mu misozi kandi agakomeza kwiyoroshya mu mutima. Igihe cyose byabaga ngombwa, barongeraga bagahamagara Dawidi akaza korohereza ubwenge bw'umwami wabaga yamerewe nabi kugeza ubwo umwuka mubi yabaga amuvuyeho. Nyamara nubwo Sawuli yakunze Dawidi kandi akishimira umuziki yacurangaga, uwo musore w'umushumba yavaga ibwami akisubirira mu bibaya no ku misozi aragiriraho anezerewe. {AA 447.2}

Dawidi yakuraga ashimwa n'Imana n'abantu. Yari yarigishijwe kugendera mu nzira z'Uwiteka, maze noneho arushaho kwiyemeza mu mutima we gukora ibyo Imana ishaka kurusha mbere. Yagize izindi ngingo nshya ajya atekerezaho. Yari yarabaye ibwami bityo yari yarabonye inshingano z'abami. Yari yarabonye bimwe mu bishuko byugarizaga umutima wa Sawuli kandi yari yarasesenguye amwe mu mabanga yo mu mico n'imigirire by'umwami wa mbere w'Abisiraheli. Yabonye ikuzo rya cyami ribudikirwa n'igicu cyijimye cy'umubabaro, kandi amenya ko abo mu nzu ya Sawuli batari bafite umunezero na muke mu rugo rwabo. Ibyo byose byateraga umutima uhagaze uwari warasigiwe amavuta kuzaba umwami w'Abisiraheli. Ariko igihe yabaga yatwawe n'ibyo bitekerezo byimbitse kandi aremerewe n'ibitekerezo byo guhangayika, yasingiraga inanga ye agacuranga indirimbo zerekezaga umutima we ku Muremyi w'ibyiza byose, bityo bya bicu byijimye byasaga n'ibibuditse ahazaza bikeyuka. {AA 447.3}

Imana yigishaga Dawidi amasomo y’ingenzi. Nk’uko Mose yatorejwe umurimo we, ni ko Uwiteka yatunganyirizaga umuhungu wa Yesayi kuba umuyobozi w’ubwoko bwe bwatoranyijwe. Muri uko kwita ku mukumbi we, Dawidi yimenyerezaga ineza Umushumba Mukuru agirira intama zomu cyanya cye. {AA 448.1}

Iyo misozi idatuwe no mu mikoke aho Dawidi yazereraga n’imikumbi ye, hari ahantu haba inyamaswa z’inkazi. Kenshi na kenshi intare zavaga mu mashyamba ari ku nkombe ya Yorodani, cyangwa ibirura bikava mu misozi, bikaza bishonje cyane bishaka kwica imikumbi. Nk’uko umuco w’icyo gihe wari uri, Dawidi yabaga yitwaje umuhumetso n’inkoni gusa; nyamara yerekanye imbaraga n’ubutwari bwe arwana ku mikumbi ye. Nyuma y’aho ubwo yavugaga ibyo yahuye nabyo, yaravuze ati: “[...] iyo zaterwaga n’intare cyangwa idubu, zigakura umwana w’intama mu mukumbi, narahubukaga nkayikubita nkayiyambura mu kanwa kayo; yamvumbukana nkayicakira akananwa, nkayivutagura, nkayica.” (1 Samweli 17:34,35). Ibyo byamubayeho byakomeje umutima we kandi byamuteyemo ubutwari, gukomera no kwizera. {AA 448.2}

Na mbere y’uko ahamagarwa ibwami kwa Sawuli, Dawidi yari yarigaragajeho ibikorwa by’ubutwari. Umutware w’ingabo wamumenyesheje umwami yamuvuzeho ko ari “umugabo w’imbaraga n’intwari kandi ari umurwanyi. Witonda mu byo avuga,” ndetse yongeyeho ko Uwiteka ari kumwe na we. {AA 448.3}

Ubwo Abisiraheli bahagurukiraga kurwanya Abafilisitiya, batatu mu bahungu ba Yesayi bajyanye n’ingabo ku rugamba ziyobowe na Sawuli; ariko Dawidi asigara imuhira. Nyamara hashize igihe, Dawidi yagiye gusura urugerero rwa Sawuli. Se yari amutumye gushyira bakuru be ubutumwa n’ingemu kandi akamenya ko bakiri amahoro ndetse ko ari bazima. Ariko uwo mushumba wari ukiri muto yari yarahawe inshingano ikomeye nyamara se atabizi. Ingabo z’Abisiraheli zari zigiye gushira, ariko Dawidi yari yahawe amabwiriza n’umumarayika ko agomba gukiza ubwoko bwe. {AA 448.4}

Ubwo Dawidi yageraga hafi y’ingabo, yumvise urusaku rwo guhorera nk’aho urugamba rugiye kurema. “Ingabo zarasatiraga zijya kurwana kandi zivuza urwamo rw’intambara.” Abisiraheli n’Abafilisitiya bari bahanganye. Dawidi yihutiye kujya aho ingabo ziri, maze aragenda asuhuza abavandimwe be. Ubwo yaganiraga na bo, Goliyati wari igihanda cy’Abafilisitiya, yaje imbere maze atangira gutuka Abisiraheli ababwira kohereza umwe muri bo ushobora kumuhangara bakarwana bombi. Goliyati yasubiye muri ayo magambo ye maze Dawidi abonye ko Abisiraheli bose bahiye ubwoba kandi akamenya ko uwo Mufilisitia yabatukaga uko bukeye n’uko bwije ntihaboneke n’umwe wahaguruka ngo acecekeshe uwo mwirasi, umutima we wabaye nk’unyeganyeze. Yagurumanyemo ishyaka ryo kurengera icyubahiro cy’Imana ihoraho ndetse n’agaciro k’ubwoko bwayo. {AA 448.5}

Ingabo z’Abisiraheli zari zihebye. Zari zacitse intege. Baravuganaga bati: “Aho mubona uriya mugabo uzamutse? Ni ukuri azanywe no gusuzugura Isiraheli.” Dawidi agize isoni kandi ababaye, arabaza ati: “Mbese uwo Mufilisitiya, utakebwe, usuzugura ingabo z’Imana Ihoraho, ni muntu ki?” {AA 448.6}

Ubwo Eliyabu mukuru wa Dawidi yumvaga ayo magambo, yamenye neza ibyagurumaniraga mu mutima w’uwo musore. Nubwo yari umushumba, Dawidi yari yaragaragaje gutinyuka, ubutwari n’imbaraga ariko byari bizwi na bake; kandi kuba Samweli yarasuye umuryango wa se wa Dawidi mu buryo bw’igitangaza ndetse akagenda ntawe ubimenye, byari byarakanguye urwikekwe mu ntekerezo z’abavandimwe be bibaza umugambi nyakuri w’urwo ruzinduko. Ubwo abavandimwe be babonaga Dawidi ahawe ikuzo hejuru yabo bamugiriye ishyari, kandi ntibamwubaha ngo bamukunde nk’uko bikwiriye umutima ucishije bugufi wa kivandimwe. Bamubonaga ko ari umushumba gusa, kandi noneho ikibazo Dawidi yabajije, Eliyabu yagifashe ko ari nk’igitutsi ku bugwari ubwe yagize bwo kudahangara gucecekesha icyo gihanda cy’Abafilisitiya. Mukuru we yamubwiranye uburakari ati: “Wazanywe n’iki? Mbese bwa butama wabusigiye nde mu butayu? Nzi ubwibone bwawe n’agasuzuguro ko mu mutima wawe, kuko wazanywe no kureba intambara.” Dawidi yamusubije amwubashye ariko yamaramaje: “Mbese ngize nte? Aho nta yindi mpamvu?” {AA 448.7}

Bongera kubwira umwami amagambo Dawidi yari yavuze, maze umwami ahamagaza uwo musore w’umugenda. Sawuli yateze amatwi amagambo y’uwo mushumba atangaye ubwo yavugaga ati: “Ntihagire ukurwa umutima na we; umugaragu wawe ngiye kurwana n’uwo Mufilisitiya.” Sawuli agerageza kubuza Dawidi ibyo yari agambiriye, ariko uwo musore aranga. Yasubije mu buryo bworoheje, adashidikanya, amusubiriramo ibyo yagiye anyuramo ubwo yaragiraga imikumbi ya se . Yaravuze ati: “Uwiteka wandokoye mu nzara z’intare n’idubu, azankiza no mu maboko y’uwo Mufilisitiya. Nuko Sawuli abwira Dawidi ati: ‘Ngaho genda; Uwiteka abane na we.” {AA 449.1}

Hari hashize iminsi mirongo ine Abisiraheli bahindishwa umushyitsi n’icyo gihanda cy’Umufilisitiya. Bari bakutse imitima bitewe no kwitegereza ibigango bya Goliyati wari ufite metero zisaga eshatu. Yari yambaye ingofero y’umuringa ku mutwe, yambaye n’ikoti riboheshejwe iminyururu ryari rifite uburemere bw’ibiro nka 70, kandi yari yambaye ibyuma bikingira imirundi. Iryo koti ryari rikozwe mu byuma byari bigerekeranye nk’ibikoko by’ifi, kandi byari byegeranye ku buryo nta mwambi wari gushobora kumena uwo mwambaro w’intambara. Icyo gihanda cyari gifite n’icumu rinini ry’umuringa mu bitugu. “Uruti rw’icumu rye rwari rumeze nk’igiti kiboherwaho imyenda, kuremera kw’ikigembe cyaryo kwari shekeli z’ibyuma magana atandatu; kandi uwamutwazaga ingabo yamujyaga imbere.” {AA 449.2}

Uko bukeye n’uko bwije, Goliyati yasatiraga urugerero rw’Abisiraheli avuga mu ijwi rirenga ati: “Kuza kuremera urugamba aho mwabitewe n’iki? Mbese sindi Umufilisitiya, namwe ntimuri abagaragu ba Sawuli? Ngaho nimwihitemo umugabo, amanuke ansange. Nabasha kundwanya akanyica, tuzaba abagaragu banyu; ariko nimunesha nkamwica, ni mwe muzaba abagaragu bacu mudukorere. Umufilisitiya arongera aravuga ati: ‘Nsuzuguye ingabo za Isirayeli uyu munsi, nimumpe umugabo turwane twembi.” {AA 449.3}

Nubwo umwami yari yahaye Dawidi uburenganzira bwo kujya guhangana na Goliyati, umwami yari afite ibyiringiro bike yuko Dawidi ari bugere ku ntego y’uwo mugambi we w’ubutwari. Sawuli yategetse ko uwo musore yambikwa imyambaro y’intambara umwami ubwe yambaraga. Ku mutwe wa Dawidi bamwambitse ya ngofero iremereye y’icyuma, hepfo bamwambika ikoti ry’icyuma; hanyuma inkota y’umwami ayambara mu rubavu. Bamaze kumwambika ibyo byose, yarahagurutse ngo ajye gusohoza umugambi we, ariko hashize akanya atangira kugenda asubira inyuma. Abari bamuhanze amaso ngo barebe uko abigenza batekerezaga yuko Dawidi ahisemo kudashyira ubugingo bwe mu kaga ajya guhangana n’uwo mwanzi utagereranywa. Agarutse aho Sawuli ari, yamusabye uruhusa kwiyambura imyambaro y’intambara avuga ati: “Simbasha kujyana ibi kuko ntabimenyereye.” Yakuyemo imyamabaro y’intambara y’umwami maze mu mwanya wayo yitwaza gusa inkoni ye n’umuhumetso by’abashumba. Atoragura mu kagezi utubuye dutanu tw’utubuyenge, adushyira mu gahago ke, maze yegera uwo Mufilisitiya, umuhumetso we awufashe mu ntoke. Icyo gihanda kiza nta cyo cyitayeho, ariko cyibwira yuko kigiye guhangana n’umurwanyi uruta abandi bose mu Bisirayeli. Uwari umutwaje intwaro yagendaga imbere ye kandi Goliyati yasag n’aho nta gishobora kumuhangara. Ubwo Goliyati yegeraga Dawidi, yabonye ari umusore w’umugenda. Mu maso ha Dawidi hasaga neza, kandi ntuyari yikingirije imyenda y’intambara; nyamara hagati y’uko yasaga bya gisore n’ibigango by’Umufilisitiya hari itandukaniro rikomeye. {AA 449.4}

Goliyati yari yuzuye gutangara n’uburakari. Yaravuze ati: “Ko unteranye inkoni! Mbese ugira ngo ndi imbwa?” Yahise atuka Dawidi amusukaho imivumo mibi yose iterwa n’imana zose yari azi. Avuga ijwi rirenga agaragaza ubupfapfa bwinshi ati: “Ngwino nkubagire ibisiga byo mu kirere n’inyamaswa zo mu ishyamba.” {AA 450.1}

Dawidi ntiyacitse intege imbere y’icyo gihangange cy’Abafilisitiya. Yigiye imbere maze abwira uwo bari bahanganye ati: “Wanteranye inkota n’icumu n’agacumu, ariko jyewe nguteye mu izina ry’Uwiteka Nyiringabo, Imana y’ingabo za Isirayeli wasuzuguye. Uyu munsi Uwiteka arakungabiza nkwice nguce igihanga, kandi ndagaburira ibisiga byo mu kirere n’inyamaswa z’inkazi zo mu ishyamba intumbi z’ingabo z’Abafilisitiya, kugira ngo abo mu isi yose bamenye ko muri Isiraheli harimo Imana; kandi ngo iri teraniro ryose rimenye ko Uwiteka adakirisha inkota cyangwa icumu, kuko intambara ari

iy’Uwiteka, kandi ari we uzabatugabiza.” {AA 450.2}

Mu mvugo ye humvikanaga ijwi ritarangwamo ubwoba, agaragaraho intsinzi n’ibyishimo mu maso he. Ayo magambo yayavuzwe mu ijwi ryumvikana, ryirangira, risakara mu kirere hose, maze iyo nteko y’abantu ibihumbi n’ibihumbi yari yiteguye intambara iyumva neza nta ryo isobwe. Goliyati azabiranywa n’uburakari. Muri ubwo burakari yazamuye ingofero yari ikingirije uruhanga rwe maze yihutira gusakirana n’uwari uje kumurwanya. Mwene Yesayi nawe yiteguraga umwanzi we. “Dawidi ahuta yiruka yerekeye ingabo zabo ngo ahure n’Umufilisitiya. Dawidi akabakaba mu mvumba ye akuramo ibuye, ararirekura, arikocora Umufilisitiya mu ruhanga, ririgitamo, yikubita hasi yubamye.” {AA 450.3}

Ingabo zo ku mpande zari zihanganye zose zaratangaye. Izo ngabo zabonaga ko Dawidi ari bwicwe; ariko ubwo iryo buye ryari rigiye rivuza ubuhuha mu kirere rigatikura aho yari yapimye, babonye wa murwanyi ukomeye ahinda umushyitsi, asambuza amaboko nk’aho hari icyari kimuhumishije. tcyo gihanda kiradandabirana, maze cyitura hasi nk’igiti gitemwe. Dawidi ntiyategereje n’akanya na gato. Yasimbukiye kuri uwo Mufilisitiya wari urambaraye aho maze akoresha amaboko yombi afata inkota ya Goliyati yari iremereye. Mu kanya gato akari gashize, icyo gihanda cyari kimaze kwirata kivuga ko kiraca umutwe w’ako gasore maze kikabagira ibisiga byo mu kirere. Noneho Dawidi yazamuye ya ntoka mu kirere maze umutwe w’uwo mwirasi uva ku gihimba bityo mu rugerero rw’Abisiraheli bariyamira banezerewe. {AA 450.4}

Abafilisitiya bamarwa n’ ubwoba, kandi bagwa mu kayubi bibatera guhita bahunga. Abaheburayo bahamagaranye aho bari bari mu mpinga z’imisozi, bityo bahita bagerekana abanzi babo bahungaga; maze “bagerekana Abafilisitiya babageza i Gati no ku marembo ya Ekuloni. Kandi Abafilisitiya b’inkomere bagwa mu nzira ijya i Sharayimu, bagera i Gati na Ekuroni. Abisiraheli baherako barekera aho kwirukana Abafilisitiya, baragaruka, basahura urugerero rwabo. Maze Dawidi yenda igihanga cy’Umufilisitiya akijyana i Yerusalemu, ariko intwaro ze azibika mu ihema rye.” {AA 451.1}

IGICE CYA 64 - DAWIDI AHUNGA

Goliyati amaze kwicwa, Sawuli yagumanye Dawidi iwe ntiyamwemerera gusubira iwabo. N'uko "umutima wa Yonatani uherako uba agati gakubiranye n'uwa Dawidi, kandi Yonatani akamukunda nk'uko yikunda." Yonatani na Dawidi basezerana isezerano ryo kunga ubumwe nk'abavandimwe, maze uwo mwana w'umwami "yijishuramo umwitero we yari yiteye, awuha Dawidi, n'umwambaro we ndetse n'inkota ye n'umuheto we n'umukandara we." Dawidi yahawe inshingano zikomeye, ariko akomeza kwicisha bugufi rubanda ruramukunda kimwe n'abo mu rugo rw'umwami. {AA 452.1}

"Nuko Dawidi akajya ajya aho Sawuli yamutumaga hose, akitonda Sawuli amugira umutware w'ingabo ze." Dawidi yarangwaga n'ubushishozi kandi akaba umwizerwa, kandi byagaragaraga ko umugisha w'Imana uri kumwe nawe. Incuro nyinshi Sawuli yabonaga ko ubwe adakwiriye kuyobora Isiraheli, kandi yabonaga ko igihugu cyarushaho kugira umutekano aramutse akoranye n'umuntu uyoborwa n'Uwiteka. Sawuli yiringiraga kandi ko gukorana na Dawidi bibasha ubwe kumubera umurinzi. Kubera ko Dawidi yatonaga ku Uwiteka kandi akaba ari we umukingira, kubana nawe byari kurinda Sawuli igihe bajyanye ku rugamba. {AA 452.2}

Imana mu buntu bwayo ni yo yari yahuje Dawidi na Sawuli. Kuba ibwami kwa Dawidi kwajyaga kumwigisha uko ibintu bikorwa ari ko bimutegurira umwanya ukomeye yari agiye kuzahabwa. Kwari gutuma n'igihugu kimugirira icyizere. Ingorane n'imiruho Dawidi yahuye nabyo bikomotse ku rwango Sawuli yamugiriye byatumye asobanukirwa ko abeshejweho n'Imana ndetse bimutera kwiringira Imana n'umutima we wose. Kandi n'ubucuti yagiranye na Yonatani bwari mu migambi y'Imana, kugira ngo ubugingo bw'uwajyaga kuzategeka Isiraheli burindwe. {AA 452.3}

Nyamara Sawuli ntiyakomeje gukunda Dawidi. Igihe Sawuli na Dawidi bari batabarutse ku rugamba aho barwanaga n'Abafilisitiya, "abagore bava mu midugudu ya Isiraheli yose baririmba babyina, baza gusanganira umwami Sawuli, bafite ishako n'inanga z'imirya itatu, banezerewe." Itsinda rimwe ryararirimbaga riti: "Sawuli yishe ibihumbi," irindi rikikiriza riti: "Dawidi we yica ibihumbagiza." Umudayimoni utera ishyari yinjiye mu mutima wa Sawuli. Umwami yarakajwe n'uko mu ndirimbo z'abagore b'Abisiraheli Dawidi yahabwaga icyubahiro gisumba icyo bamuhaga. Aho gutsinda ibyo bitekerezo by'ishyari, Sawuli yagaragaje intege nke zo mu mico ye maze aravuga ati: "Dawidi bamuhaye ibihumbagiza, naho jye bampa ibihumbi gusa! Igisigaye ni ukumushyira ku ngoma." {AA 452.4}

Inenge imwe ikomeye yabaga mu mico ya Sawuli yari uko yakundaga gusingizwa cyane. Iyi mico ni yo yagengaga ibyo yakoraga n'ibyo yatekerezaga; icyo yakoraga cyose cyarangwaga no kwifuza gusingizwa no kwishyira hejuru. Kuri we ikintu runaka cyabaga ari cyiza cyangwa kibi bitewe n'uko cyamuhesha ishema. Nta muntu ugira amahoro igihe aberaho kunezeza abantu, bityo kwemerwa n'Imana ntabigire nyambere. Sawuli yahoraga yifuza yuko abantu bamugira nyambere; bityo igihe ba bagore baririmbaga iriya ndirimbo yo gusingiza, mu mutima w'umwami hinjiyemo igitekerezo kimwemeza ko Dawidi azakundwa n'abantu ndetse akamusimbura ku ngoma. {AA 452.5}

Sawuli yakinguriye umwuka w'ishyari umutima we maze uramwanduza. Yirengagije inyigisho yari yaragejejweho n'umuhanuzi Samweli zamubwiraga ko Imana izasohoza ibyo ishaka, kandi ko nta muntu wabikoma mu nkokora, umwami Sawuli yagaragaje ko atazi neza iby'imigambi n'imbaraga by'Imana. Uwo mwami w'Abisiraheli yahanganishaga ubushake bwe n'ubushake bw'Ihoraho. Igihe yategekaga ubwami bwa Isiraheli, Sawuli ntiyari yarize ko akwiriye gutegeka umutima we ubwe. Yemereraga ibitekerezo bimugurumaniramo gutegeka ubwenge bwe kugeza ubwo arohama mu burakari buturutse ku ishyari. Iyo yabaga ashaka gukuraho ubugingo bw'umuntu wahangaraga kuvuguruza ubushake bwe, umujinya waramusazaga. Iyo yabaga acururutse yacikaga intege akumva yiyanze ndetse umutima we ukuzura kwicuza. {AA 453.1}

Yakundaga kumva Dawidi acuranga inanga ye, kandi umwuka mubi wasaga nk'umwirukanyweho muri ako kanya. Ariko umunsi umwe, igihe uwo musore yacurangiraga Sawuli umuziki mwiza wagendanaga n'ijwi rye, ubwo yaririmbaga asingiza Imana, Sawuli yahise amutera icumu agamije kumwica. Dawidi yakijijwe n'Imana ntiyakomereka maze ahunga umujinya w'uwo mwami wari wasaze. {AA 453.2}

Uko urwango Sawuli yangaga Dawidi rwakomezaga kwiyongera, ni ko yarushagaho gushakisha uburyo bwose yamukuraho; ariko nta mugambi we n'umwe wo kwica uwasizwe n'Uwiteka wigeze wuzura. Sawuli yiyeguriye gutegekwa n'umwuka mubi uramugenga; naho Dawidi we yiringiraga Imana yo ifite ububasha bwo gukiza. "Kubaha Uwiteka ni ishingiro ry'ubwenge" (Imigani 9:10), kandi Dawidi yahoraga asenga Imana, ayisaba kumubashisha kugendera imbere yayo atunganye. {AA 453.3}

Kubera kudashaka kujya abona uwo yibwiraga ko azamusimbura, byatumye umwami "amwivanaho, amugira umutware w'ingabo igihumbi . . . Ariko Abisirayeli n'Abayuda bose bakundaga Dawidi." Abantu ntibatinze kubona yuko Dawidi yari umuntu ushoboye, kandi ko inshingano yahawe azikorana ubwenge n'ubuhanga. Inama uwo musore yatangaga zarangwagamo ubwenge n'ubushishozi, kandi zikagaragara ko kuzikurikiza nta ngorane byateza; mu gihe akenshi ibitekerezo bya Sawuli bitizerwaga

ndetse n’ibyemezo bye ntibirangwe n’ubwenge. {AA 453.4}

Nubwo Sawuli yahoraga ari maso ashaka uko yahitana Dawidi, Sawuli yaramutinyaga kuko byagaragaraga yuko Uwiteka yari kumwe na we. Imico izira amakemwa ya Dawidi yatumaga uburakari bw’umwami bugurumana; yabonaga ko imibereho ya Dawidi imugayisha, kuko yagaragazaga ububi bw’imico ye. Ishyari ni ryo ryabujije Sawuli amahoro maze rishyira mu kaga umuntu wari woroheje wo mu bwami bwe. Mbega ibyago bitavugwa iyo mico mibi yateje isi yacu! Urwango rwari mu mutima wa Sawuli ni rwo rwateye Kayini guhagurukira umuvandimwe we Abeli bitewe n’uko imirimo ya Abeli yari itunganye ndetse n’Imana ikamwemera naho imirimo ya Kayini ikaba yari mibi bityo Uwiteka ntamuhe umugisha. Ishyari rituruka ku bwibone, kandi iyo rihawe intebe mu mutima, amaherezo ribyara urwango narwo rukabyara guhora no kwica. Satani yagaragaje kamere ye nyakuri ubwo yateraga Sawuli kurakarira utarigeze amugirira nabi. {AA 453.5}

Umwami yakomeje kujya ahanga Dawidi maso, yiringira kuzabona uburyo bufifitse bwazamubera impamvu yo kwica uwo musore kandi agakomeza kuba umwere imbere y’abantu. Yateze Dawidi umutego, amutegeka kujya kurwanya Abafilisitiya n’umurava mwinshi, anamusezeranya ingororano yo kuzamushyingira umukobwa we w’imfura. Kuri icyo cyifuzo, Dawidi yasubije yicishije bugufi ati: “Nkanjye kuba umukwe w’umwami ndi nde? Kandi ubugingo bwanjye ni iki, cyangwa inzu ya data mu Bisirayeli?” Umwami yaje kugaragaza ko atari umwizerwa aho ashyingiriye umukobwa we undi muntu. {AA 454.1}

Umukobwa muto wa Sawuli yaje kubengukwa Dawidi, maze biha umwami andi mahirwe yo kugambanira Dawidi. Mikali yemerewe uwo musore ariko akaba yaragombaga kubanza kwerekana ikimenyetso cy’uko yishe umubare runaka w’abanzi b’igihugu cyabo. “Sawuli yibwiraga ko bizatuma Dawidi yicwa n’Abafilistiya,” ariko Imana yarinze umugaragu wayo. Dawidi yatabarutse ku rugamba yanesheje, aba umukwe w’umwami. “Mikali umukobwa wa Sawuli yakundaga Dawidi,” maze birakaza umwami cyane abona ko imigambi ye mibisha itumye uwo yashakaga kurimbura ahabwa ikuzo. Sawuli yarushijeho guhamirizwa ko Dawidi ari we wa wundi Uwiteka yari yavuze yuko amuruta kandi ko ari we uzaba umwami mu cyimbo cye. Nuko kwiyoberanya kose arakureka maze ategeka Yonatani n’abatware b’ibwami kwica uwo yangaga. {AA 454.2}

Yonatani yamenyesheje Dwidi umugambi umwami afite maze amusaba kwihisha ubwo araba yinginga se kugira ngo arokore ubuzima bw’umurengezi w’Abisiraheli. Yonatani yasobanuriye umwami ibyo Dawidi yakoze agahesha igihugu icyubahiro kandi agakiza ubugingo bw’abantu, ndetse amusobanurira n’icyaha cyajyaga kubarwa ku wajyaga kwica umuntu Imana yari yarakoresheje mu gutatanya abanzi babo. Nuko

umutimanama w’umwami urabyumva, n’umutima we uratuza. “Sawuli. . .ararahira ati: ‘Ndahiye Uwiteka uhoraho, ntazicwa.” Nuko bazana Dawidi imbere ya Sawuli, akomeza kumukorera nka mbere. {AA 454.3}

Na none hongera kurota intambara hagati y’Abisiraheli n’Abafilisitiya, maze Dawidi ayobora ingabo bajya kurwanya abanzi babo. Abaheburayo baranesha cyane, maze abantu bogeza ubwenge n’ubutwari bya Dawidi. Ibyo byatumye urwango Sawuli yamugiriraga mbere rwongera kubyuka. Igihe uwo musore yacurangiraga imbere y’umwami, amajwi meza agasakara ibwami, Sawuli yongeye kuzabiranywa n’uburakari maze atera Dawidi icumu yibwira ko ari bumushite ku rukuta; ariko umumarayika w’Uwiteka ayobya iryo cumu. Dawidi aracika ahungira iwe. Sawuli yohereje abatasi ngo bamufate ubwo ari busohoke mu gitondo maze bahite bamwica. {AA 454.4}

Mikali yamenyesheje Dawidi imigambi ya se. Yamusabye guhunga agakiza amagara ye, maze amumanurira mu idirishya ngo acike. Yahungiye kwa Samweli i Rama maze uwo muhanuzi yakira iyo mpunzi adatinye kurebwa nabi n’umwami. Mu rugo rwa Samweli hari ahantu hatuje hari amahoro bitandukanye n’ibwami. Aho mu misozi ni ho umugaragu mwiza w’Uwiteka yakomereje umurimo we. Umutwe w’abahanuzi wari kumwe nawe maze bafatanya kwiga byimbitse ubushake bw’Imana, bagatega amatwi amagambo y’inyigisho yavugwaga na Samweli bafite ubwitonzi bwinshi. Dawidi yigiye ibyigisho by’ingenzi ku mwigisha w’Abisiraheli. Dawidi yizeraga ko ingabo za Sawuli zitazoherezwa gutera aho hantu hera, nyamara nta hantu hagaragaraga ko ari ahera ku bwenge bwari bucuze umwijima bw’umwami wari ugeze mu mahenuka. Umubano wa Samweli na Dawidi wabyukije ishyari ry’umwami, yibwira ko uwo muhanuzi wubahwaga mu Bisiraheli bose ashobora gutiza umurindi uwashakaga gusimbura umwami. Ubwo umwami yamenyaga aho Dawidi ari, yohereje abatware be kujya kuzana Dawidi i Gibeya, aho yashakaga kuzuzuriza umugambi we wo kumwica. {AA 454.5}

Izo ntumwa zagiye zishaka kwica Dawidi; ariko Uruta Sawuli yabakoresheje ibyo ashaka. Bahuye n’abamarayika batagaragara nk’uko byagendekeye Balamu igihe yari mu nzira agiye kuvuma Abisiraheli. Batangiye guhanura ibyenda kuzabaho mu gihe kiri imbere, kandi bavuga ikuzo n’igitinyiro by’Uwiteka. Uko ni ko Imana yacubije umujinya w’umuntu maze ikagaragaza imbaraga zayo ikumira ikibi ubwo yakingiraga umugaragu wayo ikoresheje abamarayika. {AA 455.1}

Ubwo Sawuli yari ategerezanyije amatsiko kubona Dawidi mu maboko ye, yagezweho n’inkuru z’ibyabaye ku ntumwa yohereje. Nyamara aho kugira ngo yumve ko Imana imucyashye, yakomeje kugira umujinya yohereza izindi ntumwa. Izo ntumwa za kabiri na zo zaganjwe na Mwuka w’Imana, maze zifatanya n’iza mbere guhanura. Umwami yohereje intumwa za gatatu ariko na zo zigeze mu itsinda ry’abahanuzi imbaraga

y’Imana yarabamanukiye, na bo barahanura. Maze Sawuli agambirira kwigirayo ubwe kuko urwango rwe rukabije rwari rwamurenze. Yagambiriye kudategereza ikindi gihe ngo yice Dawidi. Yiyemeje ko uko byamera kose aho ari bumufatire hose ari bumwiyicire ubwe. {AA 455.2}

Ariko umumarayika w’Imana ahura na we mu nzira maze Mwuka w’Imana amufatisha ubushobozi bwe. Yakomeje urugendo rwe agenda asenga Imana, ahanura kandi aririmba indirimbo zera. Sawuli ageze mu rugo rw’umuhanuzi Samweli i Rama, yiyambuye imyambaro yagaragazaga icyubahiro cye maze arambarara hasi umunsi n’ijoro ari imbere ya Samweli n’abigishwa be, yuzuwe na Mwuka w’Imana. Abantu bakoranira kureba ibyo bintu bidasanzwe, maze ibyabaye ku mwami bikwira hose. Uko ni ko na none ahagana mu ku iherezo ry’ingoma ye, byari byarabaye umugani mu Bisiraheli ko Sawuli na we ari umwe mu bahanuzi. {AA 455.3}

Uwo mugome warenganyaga Dawidi yongeye gutsindwa mu mugambi we. Yahamirije Dawidi ko bafitanye amahoro nta cyo azamutwara ariko Dawidi agirira icyizere gike uko kwihana kwa Sawuli. Yakoresheje ako gahenge maze aracika atinya ko umwami ashobora guhindurirwa nk’uko byagiye biba mbere. Umutima we wari warashegeshwe kandi yari akumbuye cyane kongera kubona incuti ye Yonatani. Kuko Dawidi yari azi yuko ari inzirakarengane, yasanze uwo mwana w’umwami amutura agahinda. Yaramubajije ati: “Ariko nzira iki? Nakiraniwe iki? Icyaha nakoreye so gituma angenza ngo anyice ni iki?” Yonatani yizeraga ko se yahinduye umugambi we atagifite umugambi we ndetse ko atagishaka kwica Dawidi. Maze Yonatani aramubwira ati: “Biragatsindwa, ntuzapfa. Yewe, umva nkubwire, nta cyo data akora atambwiye, ari igikomeye, ari icyoroshye. Mbese ibyo data yaba abimpishira iki? Si ko biri.” Nyuma yo kwigaragaza gukomeye kw’imbaraga y’Imana, Yonatani ntiyashoboraga kwemera yuko se yajyaga kugira icyo atwara Dawidi. Ibyo byajyaga kuba ari ukwigomeka ku Mana. Nyamata Dawidi we ntiyanyuzwe. Dawidi yabwiye Yonatani amaramaje ati: ” . . . nkurahiye Uwiteka uhoraho, hasigaye intambwe imwe ngapfa.” {AA 455.4}

Mu mboneko z’ukwezi, Abisiraheli bagiraga umunsi mukuru wera. Uyu munsi mukuru wabaye ku munsi wakurikiye ikiganiro Dawidi na Yonatani bagiranye. Byari bizwi yuko kuri wo munsi mukuru Dawidi na Yonatani bazaboneka ku meza y’umwami; ariko Dawidi atinya kuwujyamo, maze ategura kuzajya gusura abavandimwe be i Betelehemu. Agarutse yagombaga kwihisha mu gasozi hafi y’inzu yaberagamo ibirori, akamara iminsi itatu umwami atamubona, kandi Yonatani nawe akajya areba uko Sawuli abyakira. Igihe bari kubaza aho mwese Yesayi aharereye, Yonatani yagombaga kuvuga ko yagiye mu muryango wa se mu muhango wo gutamba ibitambo. Igihe umwami atajyaga kugaragaza uburakari kubw’ibyo maze agasubiza ati: “Nta kibazo,” Dawidi yajyaga kugaruka ibwami nta cyo yishisha. Ariko igihe umwami yari kurakazwa cyane no kuba Dawidi atari mu birori, hagombaga gufatwa umwanzuro w’uko Dawidi

ahunga. {AA 456.1}

Ku munsi wa mbere w'ibyo birori umwami ntiyigeze abanza impamvu Dawidi adahari; ariko ubwo ku munsi wa kabiri icyicaro cye cyari kibereye aho, umwami yarabajije ati: "Ejo ni iki cyabujije mwene Yesayi kuza kurya, n'uyu munsi na wo? Yonatani aramusubiza ati: 'Dawidi yansabye cyane ko mwemerera kujya i Betelehemu. Ati: 'Reka ngende ndabigusabye, kuko iwacu bazatambira igitambo mu mudugudu, kandi mukuru wanjye yantegetse kubayo. None rero niba ungiriye imbabazi, ndeka ngende ndakwinginze, njye kureba bene data.' Icyo ni cyo cyamubujije kuza ku ineza y'umwami." Sawuli yumvise ayo magambo, umujinya uramusya. Yavuze ko Dawidi akiriho Yonatani atazigera ajya ku ngoma mu Bisiraheli, maze asaba ko bahita batumiza Dawidi kugira ngo yicwe. Yonatani yorongeye yingingira se incuti ye maze aramubaza ati: "Ikiri bumwicishe ni iki? Arazira iki?" Ibyo byatumye umwami arushaho kugira uburakari nka Satani maze icumu yari yagambiriye gutera Dawidi aritera umuhungu we bwite. {AA 456.2}

Uwo mwana w'umwami agira agahinda kenshi kandi yumva asujugujwe, asiga umwami aho ntiyongera kuboneka muri ibyo birori. Umutima we wari washavujwe n'agahinda ubwo ku gihe basezeranye yajyaga aho yagombaga kumenyeshereza Dawidi imigambi umwami amufitiye. Barahoberanye maze bararira cyane. Iyo migambi mibi y'umwami yateye aba basore agahinda katavugwa. Bagiye gutandukana, Yonatani yongoreye Dawidi amagambo aheruka ati: "Igendere amahoro, ubwo twarahiranyije mu izina ry'Uwiteka tukavuga tuti: 'Uwiteka azaba hagati yawe nanjye, kandi hagati y'urubyaro rwanjye n'urwawe iteka ryose." {AA 456.3}

Umwana w'umwami yagarutse i Gibeya, maze Dawidi yihutira kujya i Nobu, umujyi wari kure y'aho kandi wari uw'umuryango w'Ababenyamini. Ihema ry'ibonaniro ryari ryarahimuriwe rivuye i Shilo, kandi aho niho Ahimeleki umutambyi mukuru yakoreraga. Nta handi Dawidi yari azi yahungira uretse ku mugaragu w'Imana. Uwo mutambyi yatangajwe no kubona Dawidi aza yihuta kandi ari wenyine, mu maso he hagaragara guhangayika n'umubabaro. Yamubajije ikimugenza. Maze uwo musore ahitamo kubeshya ku bw'intimba yari afite. Dawidi yabwiye uwo mutambyi ko afite ubutumwa bw'umwami butagomba kugira undi muntu ubumenya. Aha yahagaragarije ko kwizera Imana kwe kudashyitse, kandi icyaha cye cyaje kwicisha uwo mutambyi mukuru. Iyo amubwiza ukuri, Ahimeleki yajyaga kumenya uburyo abigenza ngo amukirize ubugingo. Imana ishaka yuko abantu bayo baba abanyakuri, nubwo baba bari mu kaga gakomeye. Dawidi yasabye umutambyi amarobe atanu y'umutsima. Nta kindi cyari gihari uretse imigati yera uwo muntu w'Imana yari afite, ariko Dawidi yabashije kwibonera ibyokurya yitwarira imitsima yo kumumara inzara. {AA 456.4}

Noneho haje kubaho iyindi ngorane. Uwitwa Dowegi, umutware w'abashumba ba

Sawuli, wari warakiriye ukwizera kw’Abaheburayo, yavugiraga imihigo ye ahari haragenewe gusengerwa. Dawidi abonye uwo mugabo, yahisemo kwihutira gushaka ubundi buhungiro n’uko yabona intwaro zo kwirwanishaho igihe bibaye ngombwa. Yasabye Ahimeleki inkota maze amubwira yuko nta yindi ihari uretse iya Goliyati, yari ibitswe ho urwibutso mu buturo bwera. Dawidi yaramusubije ati: “Nta ihwanye na yo, yimpe.” Ubutwari bwa Dawidi bwongeye gukanguka ubwo yafataga inkota yari yarigeze gukoresha yica igihangange cy’Abafilisitiya. {AA 457.1}

Dawidi yahungiye kwa Akishi, umwami w’i Gati; kuko yabonaga yuko yabonera amahoro kurutaho mu banzi b’ubwoko bwe kuruta kuba mu bwami bwa Sawuli. Ariko Akishi yaje kubwirwa ko Dawidi ari we wishe intwari y’Abafilisitiya mu myaka yari ishize, maze noneho uwari ushatse ubuhungiro mu banzi b’Abisiraheli yisanze mu byago bikomeye. Ariko noneho Dawidi arisarisha maze acika abanzi be. {AA 457.2}

Ikosa rya mbere Dawidi yakoze ryabaye kutiringira Imana i Nobu, irya kabiri ni uko yabeshye Akishi. Dawidi yari yaragaragaje imico myiza, kandi iyo mico ye mbonera yari yaratumye rubanda bamukunda; ariko igihe ikigeragezo cyamugeragaho, ukwizera kwe kwarahungabanye maze intege nke ze ziragaragara. Igihe yari mu kaga gakomeye, Dawidi yari yarubuye amaso ashaka Imana afite kwizera kutajegajega, kandi yari yaratsinze igihanda cy’Umufilisitiya. Yizeraga Imana kandi yagiye mu izina ryayo. Ariko ubwo yahigwaga kandi agatotezwa, gukuka umutima n’ishavu byendaga gutwikira mu maso he ntabone Se wo mu ijuru. {AA 457.3}

Nyamara ibyo byabaye byari ibyo kwigisha Dawidi ubwenge; kuko byamuteye kubona intege nke ze ndetse n’uko akeneye guhora yishingikirije ku Mana. Mbega uburyo imbaraga ya Mwuka w’Imana ari nziza igihe ije ku bantu bacitse intege kandi bihebye, igatera ubutwari abatentebutse mu mutima, igaha imbaraga abanyantege nke kandi igah ubutwari ndetse igafasha abagaragu b’Uwiteka bageragezwa! Mbega Imana dufite, Imana igirira neza abayobagurika kandi ikagaragaza kwihangana n’ineza mu bihe by’akaga, ndetse n’igihe umubabaro mwinshi watwugarije! {AA 457.4}

Gutsindwa kose kw’abana b’Imana guterwa no kutagira kwizera. Igihe umwijima ugose ubugingo, iyo dukeneye umucyo no kuyoborwa, dukwiriye kureba hejuru kuko hirya y’umwijima hari umucyo. Dawidi ntiyari akwiriye kutizera Imana n’agahe gato. Yari afite impamvu imutera kwiringira Imana: yari uwo Imana yimikishije amavuta, kandi mu kaga yagiye ahura nako, yari yararinzwe n’abamarayika b’Imana; yari yarahawe ubutwari bwo gukora ibintu bitangaje; kandi iyo akura intekerezo ze ku kaga yari yashyizwemo maze agatekereza imbaraga n’igitinyiro by’Imana, yajyaga kugira amahoro ndetse akayagira no mu gicucu cy’urupfu. Yari kuvugana ishema agasuburamo isezerano Uwiteka yatanze rigira riti: “Imisozi izavaho n’udusozi tuzakurwaho, ariko imbabazi zanjye ntizizakurwaho, kandi n’isezerano ry’amahoro

nagusezeranije ntirizakurwaho.” Yesaya 45:10.

{AA 457.5}

Dawidi yahungiye Sawuli mu misozi y’i Buyuda, ahitamo ubuhungiro bwiza mu buvumo bwa Adulamu, aho yashoboraga kurwanyiriza ingabo nyinshi we afite abantu bake. “Bukeye bakuru be na bene wabo babyumvise baramanuka bamusangayo.” Ab’umuryango wa Dawidi ntibajyaga kumva batekanye, bazi yuko igihe icyo ari cyo cyose umujinya wa Sawuli udafite ishingiro wabasukwaho bitewe n’isano bafitanye na Dawidi. Icyo gihe bari bazi ibyari bigiye kumenyekana hose muri Isiraheli yuko Imana yari yarahisemo Dawidi ngo azabe umutegetsi w’ubwoko bwayo. Bizeraga kandi ko bazagira amahoro bari kumwe na Dawidi nubwo yari impunzi ari wenyine mu buvumo kuruta ayo bajyaga kugira igihe bari kuba bahanganye n’uburakari bukaze bw’umwami w’umunyeshyari. {AA 458.1}

Uwo muryango wahuriye mu buvumo bwa Adulamu uhujwe n’impuhwe n’urukundo bagiriranaga. Umuhungu wa Yesayi yacurangaga inanga kandi akabaririmbira ati: “Dorere, erega ni byiza n’iby’igikundiro, ko abavandimwe baturana bahuje.” (Zaburi 133:1). Yari yarasogongeye ku nabi yaterwaga n’uko abavandimwe be batamwizeraga, noneho kumvikana kwari gusimbuye uko kutumvikana, byazanye umunezero mu mutima w’uwari mu buhungiro. Muri ubwo buvumo niho Dawidi yahimbiye Zaburi ya 57. {AA 458.2}

Ntibyatinze abantu benshi bashakaga gucika agahato k’umwami baza kwifatanya n’abari kumwe na Dawidi. Harimo benshi bari batagifitiye icyizere umwami w’Abisiraheli kuko babonaga yuko atakiyobowe n’Umwuka w’Uwiteka. “Kandi abari mu makuba bose n’abarimo imyenda bose n’abinubaga bose bateranira aho ari, aba umutware wabo; nuko abari kumwe na we bari abantu nka magana ane.” Aho niho Dawidi yari afite ubwami buto ayobora, kandi muri bwo hari gahunda n’ubwitonzi. Nyaamara n’aho yari wenyine mu misozi nta mutekano na muke yari afite kuko yakomezaga kubona ibimenyetso by’uko umwami atari yatezutse ku mugambi we w’ubwicanyi. {AA 458.3}

Dawidi yahungishirije ababyeyi be ku Mwami w’i Mowabu, maze umuhanuzi w’Uwiteka amuburiye iby’akaga kamwegereye ava aho yari yihishe, arongera ahungira mu ishyamba ry’i Hereti. Ibyo Dawidi yanyuragamo muri icyo gihe ntibyari imfabusa cyangwa ngo bibure umusaruro bitanga. Imana yaramugororaga ngo agire imico ituma ahinduka umuyobozi w’ingabo w’umunyabwenge n’umwami w’umunyambabazi uca imanza zitabera. Aho yari n’itsinda ry’abandi bahunze, Dawidi yiteguraga gukora umurimo Sawuli atari agikwiriye gukora bitewe n’umutima we w’ubwicanyi ndetse no gifata imyanzuro mu buhumyi. Ntabwo abantu bashobora gutandukana n’inama Imana ibaha ngo bakomeze kurangwaho n’umutuzo n’ubwenge bizababashisha gukorana

ubutabera no gushyira mu gaciro. Nta bupfapfa buteye ubwoba, bw’ubuhanya nko gukurikiza ubwenge bw’umuntu butayobowe n’ubwenge bw’Imana.

{AA 458.4}

Sawuli yateguraga kubikira no gufatira Dawidi mu buvumo bwa Adulamu, maze bimenyekanye yuko Dawidi yavuye aho yari yahungiye, umwami azabiranywa n’uburakari. Gucika kwa Dawidi kwabereye Sawuli amayobera. Yibwiye ko hari abagambanyi bari kumwe bamenyesheje mwene Yesayi uwo mugambi we. {AA 458.5}

Sawuli yemeza abajyanama be yuko yagambaniwe, maze abasezeranya ibihembo by’agaciro n’icyubahiro nibamubwira umuntu mu bantu be wagiranye ubucuti na Dawidi. Dowegi, Umunyedomu ni we yabivuze. Ku bwo gushaka icyubahiro no kugira umururumba w’ubukire, kandi kuko yangaga umutambyi wari wamucyashye kubw’ibyaha bye, Dowegi yavuze iby’uko Dawidi yagiye kwa Ahimeleki mu buryo bwatumye Sawuli arakarira cyane uwo muntu w’Imana. Amagambo ya Dowegi yacanye umuriro w’ikuzimu maze ubyutsa ubugome bukomeye bwo mu mutima wa Sawuli. Umujinya wamuteye kuba nk’umusazi maze ategeka ko umuryango wose w’uwo mutambyi urimbuka. Iryo tegeko ryarubahirijwe. Ntabwo ari Ahimeleki gusa wishwe ahubwo n’ab’inzu ya se “. ..mirongo inani na batanu bambaraga efodi y’igitare” bishwe na Dowegi ku itegeko ry’umwami. {AA 458.6}

“Maze atsindisha inkota I Nobu umudugudu w’abatambyi, abagabo n’abagore, abana n’incuke n’abonka, n’inka n’indogobe n’intam, byose babimarira ku nkota.” Ibyo ni byo Sawuli yakoraga akoreshwa na Satani. {AA 459.1}

Igihe Imana yavugaga ko ibyaha by’Abamaleki bigwiriye, kandi ikamutegeka kubarimbura bose, yibwiye ko ari umunyempuhwe cyane ku buryo atasohoza iteka Imana yari yaciye, bityo arokora ibyo yagombaga kurimbura. Nyamara ubu bwo, atabitegetswe n’Imana, ahubwo ayobowe na Satani, yabashije kwica abatambyi b’Uwiteka maze i Nobu ahagira amatongo. Ngubwo ubugome bw’umutima w’umuntu wanze kuyoborwa n’Imana. {AA 459.2}

Icyo gikorwa cyakuye Abisiraheli bose umutima. Umwami bari baritoranyirije ni we wakoze ayo marorerwa, kandi yari yayakoze nk’uko abami b’andi mahanga batubaha Uwiteka bakoraga. Isanduku yera yari kumwe na bo, ariko abatambyi baturaga ingorane zabo bicishijwe inkota. Mbese hajyaga gukurikiraho iki? {AA 459.3}

IGICE CYA 65 - IMPUHWE ZA DAWIDI

Sawuli amaze kwicisha inkota abahanuzi b'Uwiteka, "umwe mu bahungu ba Ahimeleki mwene Ahitubu witwaga Abiyatari, aracika ahungira kuri Dawidi. Nuko Abiyatari abikira Dawidi ko Sawuli yishe abatambyi b'Uwiteka. Dawidi abwira Abiyatari ati: 'Urya munsi ubwo narebaga Dowegi Umunyedomu, namenye ko atazabura kubibwira Sawuli. Abo mu rugo rwa so bose ni jye bahowe. Gumana nanjye, humura, kuko uhiga ubugingo bwanjye, ari we uhiga n'ubwawe. Nubana nanjye nta cyo uzaba." {AA 460.1}

Kuko Dawidi yari akomeje guhigwa n'umwami, ntiyigeze abona aho aruhukira cyangwa ngo ahagirire umutekano. Ubwo yari i Keyila, ingabo ze z'intwari zatabaye umujyi ntiwigarurirwa n'Abafilisitiya, nyamara ntibagiriye amahoro no hagati y'abo bari bamaze kurokora. Dawidi n'ingabo ze bavuye i Keyila bajya mu butayu bwa Zifu. {AA 460.2}

Muri icyo gihe ubwo nta wari uzi neza aho yari ari, Dawidi yashimishijwe no no kubona Yonatani aje kumusura atari abyiteze. Yonatani yari yamenye aho Dawidi yahungiye. Igihe izo ncuti zombi zamaranye cyazibereye igihe cyiza cyane. Baganiye iby'imibereho yabo binyuranye, maze Yonatani akomeza Dawidi agira ati: "Witinya kuko ukuboko kwa data Sawuli kutazagushyikira, kandi uzaba umwami wa Isirayeli. Jye ubwanjye nzaba uwa kabiri kuri wowe, kandi data Sawuli na we arabizi." Ubwo baganiraga ku bitangaza bikomeye Imana yakoreye Dawidi, uwo musore wari mu buhungiro kandi ahigwa yasubijwemo imbaraga cyane. "Bombi baherako basezeranira imbere y'Uwiteka, maze Dawidi yigumira mu ishyamba, Yonatani asubira iwe." {AA 460.3}

Yonatani amaze kumusura, Dawidi yahumurizaga umutima we akoresheje indirimbo zo gusingiza Imana, agacuranga aririmba agira ati: {AA 460.4}

"Uwiteka ni we mpungiraho.

Mubwirira iki umutima wanjye muti:

'Hungira ku musozi wanyu nk'inyoni?

' Kuko abanyabyaha bafora umuheto,

Batamikira umwambi mu ruge,

Kugira ngo barasire mu mwijima

Abafite imitima itunganye.Niba imfatiro zishenywe,

Umukiranutsi yakora iki?

Uwiteka ari mu rusengero rwe rwera,

Uwitekaintebe ye iri mu ijuru,

Amaso ye areba abantu,

Imboni ze zirabagerageza.

Uwiteka agerageza abakiranutsi,

Ariko umunyabyaha n'ukunda urugomo

umutima we urabanga." {AA 460.5}

Zaburi 11:1-5. {AA 460}

Abantu b'i Zifu, bene uturere Dawidi yahungiyemo avuye i Keyila, batumye kuri Sawuli wari i Gibeya bamubwira ko bazi aho Dawidi yihishe, kandi ko bazayobora umwami bakamugeza aho yihishe. Ariko Dawidi aburiwe iby'iyo migambi yabo, ava aho yari ari ahungira mu misozi yo hagati y'i Mawoni n'Inyanja Ipfuye. {AA 460.6}

Na none barongera gutuma kuri Sawuli bati: "Dawidi ari mu butayu bwa Enigedi. Sawuli aherako ajyana ingabo ibihumbi bitatu zitoranyijwe mu Bisirayeli bose, bajya gushaka Dawidi n'abantu be mu bitare by'igandagarizo ry'amasha." Dawidi yari afite abantu magana atatu gusa mu bari kumwe, mu gihe Sawuli we yamuteye afite ingabo ibihumbi bitatu. Aho yari mu buvumo bwihereereye, mwene Yesayi ni ho yari ategerereje amabwiriza y'Imana yerekeye icyo akwiriye gukora. Igihe Sawuli n'ingabo ze bazamukaga imisozi, yanyuze iruhande maze ari wenyine yinjira mu buvumo Dawidi n'umutwe we bari bihishemo. Abo bantu ba Dawidi babibonye, bahatira Dawidi kwica Sawuli. Kuba umwami yari ageze mu maboko yabo kuri bo babonye ko ari ikimenyetso cy'ukuri yuko Imana ubwayo yari yatanze uwo mwanzi mu maboko yabo ngo bamwice. Dawidi nawe yagize ikigeragezo cyo kubitekereza atyo; ariko yumva ijwi ry'umutimanama rimubwira riti: "Ntukore ku wo Uwiteka yimikishije amavuta." {AA 461.1}

Ingabo za Dawidi ntizashakaga kureka Sawuli ngo agende amahoro, maze zibutsa umutware wabo amagambo y'Imana avuga ngo: "Nzakugabiza umwanzi wawe uzamugenze uko ushaka. Dawidi arahaguruka agesa ku kinyita cy'umwambaro wa Sawuli bucece." Ariko nyuma y'aho, umutimanama wa Dawidi ntiwamuhaye amahoro kuko yari yangije n'umwambaro w'umwami. {AA 461.2}

Sawuli arahaguruka ava mu buvumo ngo akomeze gushakisha, maze akangaranywa no kumva ijwi rimubwira riti: "Nyagasani Mwami." Ahindukiye ngo arebe umuhamagara, yatangajwe no kumva ari mwene Yesayi, uwo yari amaze igihe kirekire

ashaka gufata ngo amwice. Dawidi arunama maze yereka umwami ko azi ko ari we shebuja maze abwira Sawuli ati: “Ni iki gituma wumvira abantu, bakubwira ngo: ‘Dawidi arashaka kukugirira nabi.?’Aho ntiwirebeye ko Uwiteka yari agutanze mu maboko yanjye uyu munsi, ubwo wari uri mu buvumo? Ndetse hariho abambwiye kukwica, ariko ndakubabarira, ndavuga nti: ‘Sindi burambure ukuboko kwanjye kuri databuja, kuko ari we Uwiteka yimikishije amavuta.’ Kandi data dore n’ikinyita cy’umwambaro wawe, ndagifite mu ntoke; ubwo nageshe ikinyita cy’umwambaro wawe, sinkwice. Nuko umenye kandi urebe ko nta kibi cyangwa ubugome bindiho, kandi sinagucumuyeho nubwo uhigira ubugingo bwanjye kubukuraho.” {AA 461.3}

Sawuli yumvise amagambo ya Dawidi acishwa bugufi, ntiyagira ikindi akora uretse kwemera ukuri kwayo. Sawuli agwa mu kayubi abonye uburyo yari ari rwose mu maboko y’uwo yahigiraga kwica. Dawidi yahagaze imbere ye ari inziramakemwa. Nuko umutima wa Sawuli ururoha maze aravuga ati: “Yewe mwana wanjye Dawidi, iryo jwi ni iryawe? Maze Sawuli acura umuborogo, ararira.” Aherako abwira Dawidi ati: “Undushije gukiranuka, kuko unyituye ineza ariko jye nkakwitura inabi . . . Mbese umuntu yabona umwanzi we, yapfa kumureka agacika gusa? Nuko Uwiteka akugororere ibyiza kubyo unkoreye uyu munsi. Kandi rero nzi yuko utazabura kuba umwami, kandi ko ubwami bwa Isiraheli buzakomezwa mu kuboko kwawe.” Nuko Dawidi asezerana na Sawuli ko igihe ibyo bizasohorera azafata neza ab’inzu ya Sawuli kandi ko atazasibanganya izina rye. {AA 461.4}

Kubera ko yari azi ibyo Sawuli yari yarakoze mu gihe cyashize, Dawidi ntiyashoboraga kwiringira indahiro umwami yari amurahiye, cyangwa ngo yizere ko uko kwihana kuzamara igihe kirekire. Nuko Sawuli asubiye iwe bituma Dawidi yigumira mu misozi. {AA 462.1}

Urwango rugirirwa abagaragu b’Imana bikozwe n’abiyeguriye kugengwa n’imbaraga ya Satani rugenda ruhindagurika kenshi ku buryo wakwibwirako habaye ubwiyunge n’ineza, ariko ntabwo iteka izo mpinduka zimara igihe kirekire. Nyuma y’uko abantu bafite ibitekerezo bibi bavuga amafuti basebya abagaragu b’Imana, kuba barabaye mu bibi rimwe na rimwe bishinga imizi mu mitima yabo. Mwuka w’Imana akirana na bo, bagacishiriza bugufi imitima yabo imbere y’Imana n’imbere y’abo bashakaga kurimbura bityo bakabasha guhindura uko babitwaragaho. Ariko iyo bongeye gukingurira urugi ibyongorero by’umwanzi, gushidikanya n’urwango rwa kera rurabyuka maze bakongera gukora ibyo bari barihannye bakabireka mu gihe runaka. Barongera bakavuga ibibi, bakarega kandi bagaciraho iteka bashishikaye abo bavuga ko boroheje. Satani ashobora gukoresha abantu nk’abo mu buryo bukomeye cyane nyuma y’uko ibyo bikozwe kurusha uko yari kubakoresha mbere, bitewe n’uko bacumuye ku mucyo ukomeye cyane. {AA 462.2}

“Bukeye Samweli arapfa, Abisirayeli bose baraterana baramuririra, bamuhamba mu nzu ye i Rama.” Ishyanga ry’Abisiraheli ryafashe urupfu rwa Samweli nk’igihombo gikabije. Umuhanuzi mwiza kandi ukomeye, akaba yari n’umucamanza w’ikirangirire yari yapfuye, bityo abantu bagira intimba nyinshi ibashengura imitima. Uhereye mu buto bwe ukageza mu za bukuru, Samweli yagenderaga imbere y’Abisiraheli afite umutima utunganye. Nubwo Sawuli yari umwami, abantu bakundaga Samweli cyane kumurusha kuko ibikorwa bye byarangwaga no kuba indahemuka, kumvira no kwitanga. Dusoma mu byanditswe ko Samweli yaciraga Abisiraheli imanza mu minsi yose yo kubaho kwe. {AA 462.3}

Ubwo abantu bagereranyaga imikorere ya Sawuli n’iya Samweli, babonye amafuti bakoze bifuza umwami kugira ngo be gutandukana n’amahanga yari abakikije. Benshi batewe inkeke no kubona Abisiraheli bagenda bakora ibyangwa n’Uwiteka kandi mu buryo bwihuta. Urugero umwami wabo yatangaga rwatezaga ingorane zikwira hose, bityo byari bikwiye ko Abisiraheli baririra Samweli wari umuhanuzi w’Uwiteka, maze agapfa. {AA 462.4}

Ishyanga ryari ribuze uwashinze akaba yari n’umuyobozi w’amashuri yaryo y’abana b’ababanuzi, nyamara ntabwo ari byo gusa. Ishyanga ryari ritakaje uwo abantu bari baramenyereye gutura imibabaro yabo, bari babuze uwahoraga abingingira Imana akomeje ngo ibababanire. Kubavuganira kwa Samweli kwari kwaratumye abantu bumva batekanye; kuko “gusenga k’umukiranutsi kugira umumaro mwinshi, iyo asenganye umwete.” (Yakobo 5:16). Noneho abantu bumvise ko Imana yabaretse. Umwami yajyaga kumera nk’umusazi. Ubutabera bwari butagikurikizwa kandi na gahunda ihinduka umuvurungano. {AA 462.5}

Igihe igihugu cyari kirimo umuvurungano, igihe byagaragaraga ko inama za Samweli zituje kandi zirimo gutinya Imana zari zikenewe, ni ho Imana yahaye ikiruhuko umugaragu wayo wari ugeze mu zabukuru. Abantu bagize agahinda akenshi ubwo bitegerezaga igituro cye, kandi bibutse ubupfapfa bagize bamwanga ngo ababere umuyobozi; kuko yakoranaga n’Imana cyane bigasa n’aho yahuzaga Abisiraheli bose n’intebe y’ubwami bw’Uwiteka. Samweli ni we wari warabigishije gukunda no kubaha Imana; ariko noneho ubwo yari yapfuye, abantu bumvise yuko basigaye mu maboko y’umwami wari warifatanyije na Satani, kandi wajyaga gutandukanya abantu n’Imana n’ijuru. {AA 462.6}

Dawidi ntiyashoboraga kujya gushyingura Samweli, ariko yamuririye afite intimba nyinshi cyane nk’uko umwana w’indahemuka yaririra umubyeyi we wamwitagaho. Yamenye ko urupfu rwa Samweli rukuyeho urundi rusika rwatangiraga ibikorwa bya Sawuli, bityo Dawidi yumva arushijeho kubura amahoro kuruta nk’igihe umuhanuzi Samweli yari akiriho. Igihe Sawuli yari ahugiye mu kuririra Samweli, Dawidi

yaboneyeho gushakisha aho yagirira umutekano kurutaho; nuko ahungira mu butayu bw'i Parani. Muri ubwo butayu ni ho yahimbiye Zaburi ya 120 n'iya 21. Ari muri ubwo butayu, abonye yuko umuhanuzi yapfuye kandi ko umwami yari umwanzi we, yararirimbye ati: {AA 463.1}

"Gutabarwa kwanjye kuva ku Uwiteka,

Waremye ijuru n'isi.

Ntazakundira ibirenge byawe ko biteguza,

Ukurinda ntazahunikira.

Dore urinda Abisiraheli,

Ntazahunikira kandi ntazasinzira. . .

Uwiteka azakurinda ikibi cyose,

Niwe uzarinda ubugingo bwawe.

Uwiteka azakurinda amajya n'amaza,

Uhereye none, ukageza iteka ryose. {AA 463.2}

Zaburi 121:2- 8.

{AA 463}

Igihe Dawidi n'abantu be bari bihishe mu butayu bw'i Parani, barinze imikumbi n'amashyo by'umuntu wari ukize witwaga Nabali, wari ufite ibintu byinshi muri ako karere, babirinda abanyazi. Nabali yari uwo mu rubyaro rwa Kalebu, ariko imico ye yarangwaga n'umwaga n'ubugugu. {AA 463.3}

Icyo cyari igihe bogoshaga ubwoya bw'intama, kikaba cyari igihe cyo kugira neza. Dawidi n'abantu be bari bakennye ibyo kurya cyane, kandi nk'uko umuco w'icyo gihe wari umeze, mwene Yesayi yatumye abasore cumi kuri Nabali ababwira kumuramutsa nk'abatumwe na Dawidi, kandi yongeraho ati: "Mubwire uwo mukire muti: 'Amahoro abe kuri wowe no ku nzu yawe no ku byo utunze byose. Ubu numvise ko ufite abantu bakemura, kandi abashumba bawe babanaga natwe nta nabi twabagiriye, nta cyo bajimije igihe cyose babereye i Karumeli, baza abahungu b'iwawe, barabikubwira. Aba bahungu bakugirireho umugisha kuko tuje ku munsi mwiza. Nuko ndakwinginze, ikiva mu maboko yawe cyose, abe ari cyo uha abagaragu bawe n'umwana wawe Dawidi." {AA 463.4}

Dawidi n’abantu be bari bararinze imikumbi n’amashyo bya Nabali; bityo noneho uwo mukire yasabwaga gutanga ku mutungo mwinshi yari afite agafasha abari baramukoreye umurimo nk’uwo w’ingenzi. Dawidi n’abantu be bashoboraga kuba barafashe ibyo barya mu mikumbi n’amashyo bya Nabali ariko ntibabikoze. Dawidi n’abantu be bitwaye neza ntibahemuka. Nyamara Nabli ntiyitaye ku neza yabo. Igisubizo Nabali yahaye Dawidi cyagaragaje imico ye. Yaravuze ati: “Dawidi ni nde? Kandi mwene Yesayi ni nde? Muri iyi minsi hariho abagaragu benshi bacitse ba shebuja. Mbese nende ku mitsima yanjye no ku mazi yanjye n’inyama mbagiye abakemuzi banjye mbihe abantu ntazi iyo baturutse?” {AA 463.5}

Ubwo ba basore bagarukaga amara masa bakabwira Dawidi uko byagenze, yararakaye cyane. Dawidi yategetse ingabo ze gufata intwaro zikambararira urugamba; kuko yari yiyemeje guhana umugabo wari wamwimye ibyo yari afitiye uburenganzira kandi akongera igitutsi ku gasuzuguro. Uko guhutiraho kwari guhuje n’imico ya Sawuli aho guhuza n’iya Dawidi, ariko uwo muhungu wa Yesayi yari agikeneye kwigira ibyigisho byo kwihanagana mu ishuri ry’umubabaro. {AA 464.1}

Ubwo Nabali yari amaze gusezerera ba basore babanaga na Dawidi, umwe mu bagaragu ba Nabali yihutiye kureba Abigayili umugore wa Nabali, maze amubwira ibyabaye. Yaramubwiye ati: “Umva, Dawidi yatumye intumwa ziva mu butayu kuramutsa databuje, ababonye arabakankamira. Kandi abo bagabo batugiriraga neza cyane, ntibadukoza isoni, ntitwagira icyo tuzimiza igihe cyose twabaniye na bo turi mu rugishiro. Batubereye inkike ku manywa na nijoro, igihe cyose twabaniye na bo turagiye intama. Nuko none ubimenye utekereze icyo uri bukore, kuko bamaramaje kugirira nabi databuja n’urugo rwe rwose.” {AA 464.2}

Abigayili atagishije umugabo we inama cyangwa ngo amubwire ibyo agambiriye, yateguye ibyo kurya byinshi maze abikorera indogobe, abishinga abagaragu bajya imbere arabyohereza, kandi nawe ubwe agenda abakurikiye ajya guhura n’abantu ba Dawidi. Yahuriye na bo mu ibanga ry’umusozi. “Nuko Abigayili abonye Dawidi ahuta ava ku ndogobe, yikubita hasi imbere ye yubamye. Amugwa ku birenge aravuga ati: ‘Nyagasani, icyo cyaha abe ari jye gihereraho. Ndakwinginze ukundire umuja wawe ngire icyo nkubwira, wumve amagambo y’umuja wawe.” Abigayili yavuganaga na Dawidi amwubashye cyane nk’aho yabwiraga umwami uri ku ngoma. Nabali yari yavuganye agasuzuguro ati: “Dawidi ni nde?” ariko Abigayili we yaramubwiye ati: “nyagasani.” Yamubwiye amagambo y’ineza agira ngo amwurure umujinya yari afite ushire, maze amwinginga asabira umugabo we. Nta bwibone ahubwo yuzuye ubwenge n’urukundo by’Imana, Abigayili yagaragaje ugukomera k’uburyo yitaga ku b’urugo rwe, kandi asobanurira Dawidi neza ko inabi y’umugabo we itari yagambiriwe ngo bamwibasire, ko ahubwo ko byabaye kwigaragaza guhutuyeho kwa kamere itagira amahoro kandi irangwa no kwikanyiza. {AA 464.3}

“Nuko none Nyagasani, nk’uko Uwiteka ahoraho nawe ukabaho, Uwiteka niwe wakubujije kugirwaho n’urubanza rw’amarasono kwihorera n’ukwawe kuboko. Icyampa abanzi bawe n’abakwifuriza nabi, Nyagasani, bakaba nka Nabali.” Ntabwo Abigayili yavuze ko ubwenge bwe ari bwo bwatumye Dawidi areka umugambi we uhutiyeho, ahubwo yahaye Imana icyubahiro aranayisingiza. Hanyuma atanga ituro rya gikire ho ituro ry’amahoro ahaye abantu ba Dawidi, kandi akomeza kwinginga nk’aho ari ubwe wari wateye Dawidi kurakara. {AA 464.4}

Yaravuze ati: “Ndakwinginze, babarira umuja wawe icyo cyaha. Uwiteka ntazabura kukubakira inzu idakuka, kuko Nyagasani urwana intambara z’Uwiteka, kandi nta kibi kizaboneka kuri wowe iminsi yawe yose.” Abigayili yerekezaga ku byo Dawidi yendaga kuzakora. Dawidi yari kuzarwana intambara z’Uwiteka. Ntiyari akwiriye gushaka kwihorera ku bibi umuntu umuntu umwe yari yamukoreye nubwo yahigwaga nk’umugambanyi. Yarakomeje ati: “Nubwo abantu bahagurukiye kukugenza no gushaka ubugingo bwawe Nyagasani, ariko ubugingo bwawe buzahambiranwa n’Uwiteka Imana yawe mu mutwaro umwe w’ubugingo . . . Nuko Uwiteka namara kugusohozaho ibyiza yakuvuzeho byose uko bingana, akakugira umutware wa Isirayeli, ntuzagire umutima ukubabaza Nyangasani, kandi ngo uguhane ko wavushirije amaraso ubusa, cyangwa se kuko wihoreye kubwawe. Nuko Uwiteka namara kukugirira neza Nyagasani, uzibuke umuja wawe.” 1Samweli 25:29-31. {AA 465.1}

Aya magambo agomba kuba yaraturutse mu kanwa k’umuntu wari warahawe ku bwenge mvajuru. Nk’uko impumuro y’uburabyo imera, ubutungane bwa Abigayili bwabonekeraga mu maso, mu magambo, no mu bikorwa bye atabizi. Mwuka w’Umwana w’Imana yari mu mutima we. Amagambo ye yavuganwaga ubuntu kandi yuzuye ineza n’amahoro, yagaragazaga imbaraga z’ijuru. Dawidi yaracururutse maze atekereje ingaruka zajyaga kuva kuri uwo mugambi uhutiyeho yari yagize, ahinda umushyitsi. “Hahirwa abazana amahoro mu bantu, kuko ari bo bazitwa abana b’Imana.” (Matayo 5:9). Iyaba harabayeho n’abandi bantu benshi bakoraga nk’uwo mugore w’Umwisirayeli, abantu bacubya uburakari, bagakoma mu nkokora imigambi ihutiyeho, kandi bakaburizamo ibibi bikomeye bakoresheje amagambo y’ubwenge burangwa n’ituza. {AA 465.2}

Imibereho ya Gikristo yejejwe ihora imurika kandi igatanga ihumure n’amahoro. Irangwa n’ubutungane, ubwitonzi, kwiyoroshya no kuba ingirakamaro. Iyo mibereho igengwa na rwa rukundo rutikanyiza. Ni imibereho yuzuwe Kristo, kandi isiga ikirari cy’umucyo ahantu hose nyiri iyo mibereho ashobora kujya. Abigayili yari umuhannyi n’umujyanama mwiza. Uburakari bwa Dawidi bwacubijwe n’uburyo Abigayili yamuvugishije. Dawidi yemeye ko yakoze iby’ubupfapfa kandi ko yari yananiwe gutegeka umutima we. {AA 465.3}

Dawidi yemeye guhanwa afite umutima ucishije bugufi nk’uko bihuje n’amagambo yavuze agira ati: “Umukiranutsi ankubite, biraba kungirira neza, ampane biraba nk’amavuta asiga ku mutwe wanjye.” (Zaburi 141:5). Yaramushimye kandi amwifuriza imigisha kuko yamugiriye inama itunganye. Hari abantu benshi, iyo bacyashwe, batekereza ko ibyo ari byiza igihe gusa bacyashwe ntibibahangayikishe; nyamara mbega ukuntu abantu bake ari bo bakira guhanwa bakabyishimira mu mitima yabo ndetse bagashima abashaka kubakiza bababuza kugendera mu nzira y’ibibi. {AA 465.4}

Igihe Abigayili yagarukaga imuhira yasanze Nabali n’abashyitsi be bishimiye mu birori bikomeye basinze. Ategereza ko bucya maze abona gutekerereza umugabo we uko byagenze igihe yavuganaga na Dawidi. Nabali yari umunyabwoba; maze igihe yasobanukirwaga ko ubupfapfa bwe bwari bugiye gutuma akenyuka, yabaye nk’ukubiswe n’inkuba. Yatinye ko Dawidi ashobora gukomeza umugambi we wo kwihorera, maze agira ubwoba bwinshi cyane yikubita hasi araraba. Hashize iminsi cumi arapfa. Ubuzima Imana yari yaramuhaye nta kindi yabumajije uretse kubera isi umuvumo. Ubwo yinezezaga mu birori, Imana yamubwiye nk’uko yabwiye wa mutunzi mu mugani iti: “Muri iri joro uranyagwa ubugingo bwawe” {AA 465.5}

(Luka 12:20). {AA 466.1}

Nyuma y’aho Dawidi yacyuye Abigayili. Dawidi yari asanzwe afite umugore umwe, ariko imico y’amahanga muri icyo gihe yari yaranduje intekerezo ze kandi ihindura imikorere ye. Ndetse n’abagabo beza kandi bakomeye bagiye bayoba bagakurikiza imigenzereze y’ab’isi. Ingaruka mbi zo kugira abagore benshi zakomeje kugwa nabi Dawidi mu mibereho ye yose. {AA 466.2}

Nyuma y’urupfu rwa Samweli, Dawidi yamaranye amahoro amezi make. Yongeye guhungira mu butayu bwa Zifu; ariko kuko abo banzi be bashakaga ko umwami abareba neza, bamubwiye aho Dawidi yari yihishe. Ayo makuru yakanguye umudayimoni w’ubugome wari usinziriye mu mutima wa Sawuli. Yongera guhuruza ingabo ze maze azirangaza imbere bajya guhiga Dawidi. Ariko abatasi b’incuti za Dawidi babimenyesha umuhungu wa Yesayi; maze ajyana bake mu bantu be bajya kureba aho umwanzi we ari. Hari nijoro ubwo bagendanga aubushishozi bakageraga ku nkambi, maze imbere yabo bahabona amahema y’umwami n’abamurinda. Nta muntu wababonye kuko abo mu nkambi bari bacecetse basinziriye. Dawidi yasabye incuti ze kujyana nawe hagati mu banzi be. Dawidi abajije ati: ‘Ni nde turi bujyane aho Sawuli agerereje?” Abishayi yahereyeko arasubiza ati: “Ni jye turi bujyane.” {AA 466.3}

Dawidi n’uwari umuherekeje bakingirijwe n’ibicu byo mu misozi maze binjira mu nkambi y’abanzi babo. Ubwo bashakaga kumenya neza umubare nyawo w’abanzi babo, bahingukiye kuri Sawuli asinziriye, icumu rye rishinze mu itaka n’agacuma yatwaragamo amazi kari ku musego we. Iruhande rwe hari haryamye Abuneri,

umugaba w’ingabo ze kandi ingabo ze zose zari zibakikije na zo zahunikiriye. Abishayi yabanguye icumu rye maze abwora Dawidi ati: “Uyu munsi Imana yakugabije umwanzi wawe. Nuko none ndakwinginze nyemerera mutikure icumu rimwe gusa, mpamanye n’ubutaka, sinongera ubwa kabiri.” Ategereza ko abimuhera uburenganzira, ariko yumva amagambo ngo: “Reka ntumwice. Mbese ni nde wabasha kubangura ukuboko kwe ku muntu Uwiteka yimikishije amavuta ntagibweho n’urubanza?. . .Nk’uko Uwiteka ahoraho, Uwiteka ni we uzamwiyicira cyangwa se azamanuka ajya mu ntambara ayigwemo. Uwiteka andinde ko nabangura ukuboko kwanjye ku muntu Uwiteka yimikishije amavuta. Ahubwo ndakwinginze enda icumu rye riri ku musego we n’urunywero rwe rw’amazi, tugende. Nuko Dawidi ajyana icumu rye n’urunywero rwe rw’amazi, abivana ku musego wa Sawuli barigendera, hatadize umuntu ubabonye cyangwa ubimenye, haba no gukanguka; kuko Uwiteka yari yabasinzirije ubuticura.” Mbega uburyo byoroheye Uwiteka guca intege umunyambaraga kuruta abandi, kwaka ubushishozi umunyabwenge ukomeye kandi agahindura ubusa ubuhanga bw’umuntu ushishoza! {AA 466.4}

Dawidi avuye mu rugerero ageze aho atagira icyo aba, yahagaze mu mpinga y’umusozi maze ahamagara abantu ba Sawuli na Abuneri n’ijwi rirenga ati: “Mbese nturi intwari? Hari uhwanye na we muri Isirayeli? Ariko none ni iki cyakubujije kurarira umwami shobuja? Muri mwe haje umuntu wo kwica umwami, kandi ari we shobuja. Reka reka, ibyo wakoze si byiza. Ndahiye Uwiteka uhoraho, mwari mukwiriye gupfa kuko mutarinze shobuja, Uwiteka yimikishije amavuta. Ngaho nimurebe icumu ry’umwami n’urunywero rw’amazi, aho byari biri ku musego we. Sawuli amenya ijwi rya Dawidi arabaza ati: ‘Mbese aho iryo jwi si iryawe, mwana wanjye Dawidi?’ Dawidi aramusubiza ati: ‘Ni iryanjye, Nyagasani Mwami.’ Ati: ‘Mbese databuja agenzereza iki umugaragu we? Nakoze iki? Cyangwa se ni cyaha ki kindiho? None ndakwinginze Nyagasani Mwami, umva amagambo y’umugaragu wawe.’” Umwami yongera gukorwa ku mutima aravuga ati: “Nakoze icyaha. Garuka mwana wanjye Dawidi, sinzongera kukugirira nabi, kuko ubugingo bwanjye bwagize agaciro imbere yawe uyu munsi. Yewe, nabaye igicucu, narafuditse cyane.’ Dawidi aramusubiza ati: “Ngiri icumu ryawe Nyagasani! Nihagire umugaragu wawe uza aryende.” Nubwo Sawuli yari amaze gusezerana ati: “Sinzongera kukugirira nabi,” Dawidi ntiyamusanze. {AA 466.5}

Iyi nshuro ya kabiri Dawidi yubashye ubugingo bw’umwami w’ishyanga rye yakoze ku mutima wa Sawuli maze bimutera kurushaho guca bugufi kubw’icyaha cye. Sawuli yatangajwe kandi acishwa bugufi no kumugaragariza ineza nk’iyo. Ubwo yari ahagurutse agiye aretse Dawidi, Sawuli yaravuze ati: “Uragahora uhirwa, mwana wanjye Dawidi, uzakora ibikomeye, kandi gutsinda uzatsinda.” Ariko mwene Yesayi ntiyiringiraga yuko umwami azakomeza kubaho igihe kirekire ameze atyo. {AA 467.1}

Dawidi abona ko adashobora kwiyunga na Sawuli. Byasaga nk’aho byanze bikunze

amaherezo yari kuzashyira agafatwa binyuze mu bucakura bw'umwami, nuko yongera kwiyemeza guhungira mu Bafilisitiya. Nuko we n'ingabo magana atandatu bajya kwa Akishi, umwami w'i Gati. {AA 467.2}

Umwanzuro Dawidi yafashe w'uko Sawuli atazabura gusohoza umugambi we wo kumwica, yawufashe atagishije Imana inama. Ndetse n'igihe Sawuli yari mu bugambanyi ashaka uko yakwica Dawidi, Uwiteka yateguraga kwimika Dawidi. Imana isohoza imigambi yayo nubwo mu maso y'abantu iyo migambi iba isa n'itwikiriwe ari amabanga. Abantu ntibashobora gusobanukirwa n'inzira z'Imana; kandi iyo abantu babonye ibigaragara, bumva yuko ibigeragezo n'ibirushya Imana yemera ko bibageraho ari ibyo kubagirira nabi kandi ko nta kindi bizakora uretse kubarimbura. Uko ni ko Dawidi yarebye ibigaragara ntiyareba amasezerano y'Imana. Yashidikanyaga ko azagera igihe akima ingoma. Ibigeragezo byinshi yanyuzemo byari byaracogoje kwizera kwe no kwihangana kurashira. {AA 467.3}

Uwiteka ntiyohereje Dawidi mu Bafilisitiya ngo aharindirwe kuko bari abanzi bakomeye b'Abisiraheli. Iri shyanga ryari kuzaba rimwe mu banzi be bakomeye kugeza ku iherezo, nyamara yari yabahungiyeho ngo bamufashe muri ibyo bihe byari bimukomereye. Dawidi amaze kubona yuko atakwizera na gato Sawuli n'ibyegera bye, yishyize mu maboko y'abanzi b'ubwoko bwe. Dawidi yari umusirikari w'intwari, kandi yari yaragaragaje ko ari umurwanyi w'umunyabwenge kandi utsinda; nyamara ubwo yajyaga mu Bafilisitiya ni we ubwe wishyiraga mu kaga. Imana yari yaramutoreye gutanga urugero mu gihugu cy'Ubuyuda, ariko kubura kwizera ni byo byamuteye kuva mu mwanya yagombaga gukoreramo kandi atabitegetswe n'Uwiteka. {AA 467.4}

Imana yasuzugujwe no kutizera kwa Dawidi. Abafilisitiya bari baratinye Dawidi kurusha uko batinyaga Sawuli n'ingabo ze; maze kubwo kwishyira Abafilisitiya ngo bamurinde, Dawidi yatumye bamenya intege nke z'ab'ubwoko bwe. Uko ni ko yateye ubutwari abo banzi babo maze bakandamiza Abisiraheli. Dawidi yari yarasigiwe amavuta kugira ngo arengere ubwoko bw'Imana. Uwiteka ntiyashakaga yuko abagaragu be batera ubutwari abakora ibyo gukiranirwa babereka intege nke z'ubwoko bwe cyangwa bagaragaza ko batitaye ku mibereho myiza yabwo. Byongeye kandi, bene wabo baketse ko yagiye mu bapagani gukorera ibigirwamana byabo. Icyo gikorwa cyatumye abantu benshi basobanura nabi impamvu zabimuteye kandi bamutekereza nabi. Ikintu Satani yifuzaga ko akora ni cyo yakoze; kuko ubwo yahungiraga mu Bafilisitiya, Dawidi yateye abanzi b'Imana n'ubwoko bwe kwishima. Dawidi ntiyaretse gusenga Imana cyangwa kuyikorera; ariko yashatse kwikiza bituma areka kuyizera, bityo ahindanya imico yo kudakebakeba no kuba indahemuka Imana isaba ko abagaragu bayo bagira. {AA 467.5}

Dawidi yakiriwe neza n'umwami w'Abafilisitiya. Uko kumwakira neza byatewe ku ruhande rumwe n'uko umwami yari amukunze naho ku rundi ruhande bikaba byari

binyuze ubwibone bwe kubona Umuheburayo amuhungiyeho. Ubwo Dawidi yari mu gihugu cya Akishi, yumvise atekanye acitse kugambanirwa. Yazanye umuryango we, abo mu rugo rwe, n'ibye byose, maze n'abantu be bose babigenza batyo. Ababibonaga bose babonaga ko yari aje gutura burundu mu gihugu cy'Abafilisitiya. Ibyo byose byashimishije Akishi wasezeranye guha ubuhungiro abo Bisirayeli bahungaga. {AA 468.1}

Dawidi asabye aho atura mu gihugu hitaruye ibwami, umwami yamugabiye i Sikilagi ngo habe igikingi cye. Dawidi yabonye ko we ubwe n'abantu be nibaturana n'abasenga ibigirwamana bizabateza ingorane. Gutura mu mudugudu wabo bonyine bitaruye, Dawidi n'abantu be bajyaga kuhagirira umudendezo wo gusenga Imana kuruta uko byari kugenda iyo baguma i Gati, aho imihango ya gipagani yajyaga kubabera intandaro yo gukora ibibi no kubuzwa amahoro. {AA 468.2}

Igihe Dawidi yari atuye muri uwo mudugudu wari witaruye, yateye ab'i Geshuri, n'Abagiruzi, n'Abamaleki, ntiyagira n'umwe asiga ngo aze i Gati kuvuga ibyabaye. Ubwo yari avuye ku rugamba yumvishije Akishi yuko yateraga ab'ubwoko bwe bwite, ari bo Bayuda. Ubwo bushukanyi bwakomezaga Abafilisitiya kuko umwami yavuze ati: "Yateye bene wabo Abisiraheli kumuzinukwa, bizatuma aba imbata yanjye iteka ryose." Dawidi yari azi ko byari ubushake bw'Imana ko ayo moko y'ababapagani arimburwa, kandi yari azi ko yashyiriweho gukora uwo murimo nyamara igihe yakoraga iby'uburiganya, ntiyakurikije inama Imana imuhaye. {AA 468.3}

"Muri iyo minsi Abafilisitiya bateranya ingabo zabo kujya kurwana n'Abisirayeli. Akishi abwira Dawidi ati: 'Umenye rwose ko uzatabarana nanjye n'abantu bawe, tukajyana n'ingabo ku rugamba.'" Nta mugambi Dawidi yari afite wo kurwanya ab'ubwoko bwe; ariko ntiyari azi neza icyo yakora kugeza ubwo ibyajyaga kuba byari kwerekana inshingano ye. Nuko Dawidi asubiza umwami ajijisha ati: "Ni naho uzamenyera icyo umugaragu wawe nzakora." Akishi yumvise ayo magambo nk'aho ari isezerano ry'uko Dawidi azamufasha mu ntambara yari agiyemo, bityo arahirira ko azaha Dawidi icyubahiro gikomeye kandi akamugira icyegera gikomeye mu bwami bw'Abafilisitiya. {AA 468.4}

Nyamara nubwo kwizera kwa Dawidi kwari kwarateshutse hato na hato ku masezerano y'Imana, yari acyibuka yuko Samweli yamusize amavuta ngo azabe umwami wa Isiraheli. Yongeye kwibuka uko mu gihe cyashize Imana yari yaramuhaye gutsinda abanzi be. Yibutse imbabazi z'Imana yamurinze kwicwa na Sawuli, hanyuma yiyemeza kudahemuka ku cyizere Imana yamugiriye. Nubwo umwami wa Isiraheli yahigaga ubugingo bwe, ntiyajyaga kuvanga ingabo ze n'abanzi b'ubwoko bwe. {AA 469.1}

IGICE CYA 66 - URUPFU RWA SAWULI

Intambara yongeye kurota hagati y'Abisiraheli n'Abafilisitiya. "Bukeye Abafilisitiya baraterana, baraza bagerereza i Shunemu," ku rubibi rw'amajyaruguru rw'ikibaya cya Yezereli; maze Sawuli na we n'ingabo ze bagerereza mu bilometero bike munsi y'umusozi Gilibowa, ku rubibi rw'amajyepfo y'ikibaya. Muri icyo kibaya ni ho Gideyoni yari yaratsindiye ingabo z'Abamidiyani ubwo yari kumwe n'ingabo magana atatu gusa. Nyamara umwuka wari warakoresheje umurengezi w'Abisiraheli wari uhabanye cyane n'uwakoreshaga umutima w'umwami icyo gihe. Gideyoni yagiye yizeye cyane Imana ikomeye ya Yakobo; ariko Sawuli we yumvaga ari wenyine adafite umurengezi kuko Imana yari yaramuretse. Arebye ingabo z'Abafilisitiya hakurya, "aratinya, umutima we urakuka cyane." {AA 470.1}

Sawuli yari yamenye ko Dawidi n'ingabo ze bari kumwe n'Abafilisitiya, kandi yibwiraga ko umuhungu wa Yesayi agiye kubona uburyo bwo kwitura inabi yagiriwe. Umwami yari ahangayitse cyane. Umujinya we udafite ishingiro wari waramuteye gushaka kurimbura uwo Imana yatoranyije, ni wo washyize igihugu mu kaga gakomeye gatyo. Igihe yari ahugiye mu guhiga Dawidi ntiyitaye ku buryo bwo kurwana ku gihugu cye kiramutse gitewe. Abafilisitiya bagize amahirwe yo kubona igihugu kitarinzwe maze bacyinjiramo bagera hagati. Igihe Satani yoshyaga Sawuli gukoresha imbaraga ze zose ahiga Dawidi ngo amwice, Satani mu bugome bwe yanateye Abafilisitiya gukoresha icyo cyuho bagategura uburyo bwo guhitana Sawuli bagatsemba ubwoko bw'Imana. Mbega uburyo umwanzi gica akoresha ayo mayere kenshi! Ajya mu mitima itariyegurira Imana maze agahembera igomwa n'amakimbirane mu itorero, hanyuma yabona abantu b'Imana bamaze gucikamo ibice, agakoresha abakozi be kugira ngo arimbure ba bantu. {AA 470.2}

Bukeye bwaho, Sawuli yagombaga kurwana n'Abafilisitiya. Umwijima w'akaga kari kamwegereye waramugose maze yumva akeneye inama n'ubufasha cyane. Yashatse ko Imana yamugira inama ariko ntibyagira icyo bigeraho. "Uwiteka ntiyagira icyo amusubiza, haba mu nzozi, haba na Urimu, haba n'abahanuzi." Uwiteka ntiyigeze yirukana umuntu umusanga ataryarya kandi yicishije bugufi. Kuki yanze gusubiza Sawuli? Kubw'ibikorwa bye bwite, umwami yari atakigira ibyiza biva mu buryo bwose bwo kugisha inama Imana. Yari yaranze inama z'umuhanuzi Samweli; yari yaratumye Dawidi, uwatoranyijwe n'Imana, ahunga; kandi yari yarishe abatambyi b'Uwiteka. Mbese yajyaga kwitega ko Imana iramusubiza kandi yari yarakuyeho inzira zo

gushyikirana n’Imana yari yarashyizeho? Yari yaracumuye ku Mwuka w’ubuntu, none byari gushoboka bite ko asubizwa binyuze mu nzozi no guhishurirwa biturutse ku Mana? Sawuli ntiyagarukiye Imana yicishije bugufi kandi yihannye. Ntiyashakaga kubabarirwa icyaha cye no kongera kwiyunga n’Imana, ahubwo yashakaga ko Imana imukiza abanzi be. Kubwo kwinangira no kwigomeka kwe, yari yaritandukanyije n’Imana ubwe. Ntacyo ayri kuramira uretse binyuze gusa mu kwihana no kugira umutima umenetse; ariko uwo mwami w’umwibone, mu kababaro ke no kwiheba, yiyemeje gushakira ubufasha mu zindi nzira.

{AA 470.3}

“Sawuli aherako abwira abagaragu be ati: ‘Nimunshakire umushitsikazi njye kumushikisha.’” Sawuli yari azi neza imiterere yo gushikisha. Gushikisha byari byarabujijwe n’Uwiteka mu buryo budasubirwaho, kandi uwakoraga uwo mwuga udatunganye wese yacirwaga urubanza rwo gupfa. Samweli akiriho, Sawuli yari yarategetse yuko abashitsi bose n’abandi bose bafite imyuka mibi nk’iyo bicwa, ariko noneho ubwo yari yihebye, yitabaje abo yari yaraciriyeho iteka abahora yuko ibyo bakora ari ibizira. {AA 471.1}

Babwiye umwami ko hari umugore wari ufite umwuka nk’uwo w’ubushitsi wabaga ahitwa Endori ari ho yihishe. Uyu mugore yari yaragiranye isezerano na Satani aramwiyegurira kugira ngo amusohoreze imigambi ye maze umutware w’umwijima nawe amwiture kumukorera ibitangaza no kumuhishurira ibihishwe. {AA 471.2}

Nijoro Sawuli ariyoberanya ajyana n’abagaragu be babiri, bajya gushaka uwo mushitsikazi. Yoo! Mbega ibintu biteye agahinda! Umwami w’Abisiraheli ajyanyweho umunyago na Satani ku bushake bwe! Ni iyihe nzira yijimye umuntu anyuramo ihwanye n’iyo umuntu ahitamo amaze kwinangirira gukurikira inzira yishakiye, akanga kumvira imbaraga yera ya Mwuka w’Imana! Mbega ububata bukomeye umuntu ajyamo iyo ubwe yishyize mu maboko y’umugome gica! Kwiringira Imana no kumvira ubushake bwayo ni byo byonyine byajyaga gutuma Sawuli aba umwami w’Abisiraheli. Iyo akora ibyo mu gihe cy’ingoma ye, ubwami bwe bwajyaga kugira amahoro; Imana yari kumubera umuyobozi, Ishoborabyose ikamubera ingabo imukingira. Imana yari yarihanganiye Sawuli; kandi nubwo kugoma kwe no kwinangira byari byaratumye ijwi ry’Imana ritongera kumvikana mu mutima we, byari bigishoboka ko yihana. Ariko amaze kwiheba agahindukirira Satani, yari aciye umurunga uheruka wamuhuzaga n’Umuremyi we. Yirunduriye wese mu maboko y’imbaraga y’abadayimoni yari imaze imyaka myinshi imukoresha kandi yendaga kumurimbura. {AA 471.3}

Sawuli n’abagaragu be bambutse ikibaya banyura ku ngabo z’Abafilisitiya bitwikiriye ijoro ntibagira icyo babatwara. Barenze impinga y’umusozi maze bagera mu rugo ruri ukwarwo rw’uwo mushitsikazi w’ahitwaga Endori. Ahi niho uwo mugore wakoranaga

n’imyuka y’ubushitsi yari yarihishe kugira ngo akomeze gukora ibizira bye by’ubupfumu. Nubwo Sawuli yari yiyoberanyije, uburebure bwe n’igihagararo cye cy’umwami byagaragaje ko atari umusirikare usanzwe. Uwo mugore yaketse ko uwo muntu umusuye ari Sawuli, kandi n’ingemu z’igiciro cyinshi yari amuzaniye zatumye arushaho kumukeka. Ku byo Sawuli yasabye uwo mugore agira ati: “Ndakwinginze, nshikishiriza umwuka uguhanzeho unzurire uwo nkubwira,” uwo mugore yaramusubije ati: “Mbese ntuzi icyo Sawuli yakoze, uko yarimbuye abahanzweho n’imyuka mibi n’abashitsi akabaca mu gihugu? Ni iki gitumye utega ubugingo bwanjye umutego kugira ngo unyicishe?” Nuko “Sawuli amurahira Uwiteka ati: ‘Nkurahiye Uwiteka uhoraho, icyo cyo ntuzagihanirwa.” Maze amubajije ati: “Nkuzurire nde?” aramusubiza ati: “Nzurira Samweli.” {AA 471.4}

Amaze gukora imihango ye yo gushika aravuga ati: “Mbonye imana izamuka iva ikuzimu.. . .Ni umusaza uzamutse, kandi yiteye igishura.’ Sawuli amenya ko ari Samweli, arunama yubika amaso ye, aramuramya.” {AA 471.5}

Ntabwo ari umuhanuzi wera w’Imana wari uzanwe n’ubushitsi bw’uwo mugore. Samweli ntiyari muri uko kuzimu kw’imyuka mibi. Iyo shusho idasanzwe yari ikozwe gusa n’imbaraga ya Satani. Satani yashoboraga kwihindura mu ishusho ya Samweli nk’uko yihinduye mu ishusho ya marayika w’umucyo ubwo yageragezaga Kristo mu butayu. {AA 472.1}

Ayobowe n’umwuka w’ubushitsi, amagambo ya mbere uwo mugore yabwiye umwami yabaye aya ngo: “Umbeshyeye iki? Kandi ari wowe Sawuli?” Uko ni ko igikorwa cya mbere cy’umwuka mubi wari wihinduye umuhanuzi Samweli cyabaye icyo kuvugana mu ibanga n’uwo mugore w’inkozi y’ibibi kugira ngo umuburire uko yashutswe. Ubutumwa Sawuli yahawe buvuye kuri uwo mwuka mubi wari wigize umuhanuzi bwari ubu ngo: “Ni iki gitumye unkubaganira, ukarinda kunzamura?” Sawuli aramusubiza ati: “Nihebye kuko Abafilisitiya bandwanya, kandi Imana ikaba yarantaye itakigira icyo insubiza, ari mu bahanuzi cyangwa mu nzozi. Ni cyo cyatumye nguhamagara ngo unsobanurire icyo nkwiriye gukora.” {AA 472.2}

Samweli akiriho, Sawuli yasuzuguraga inama ze kandi agahinyura uko yamucyahaga. Ariko noneho ubwo yari mu kaga ahangayitse, yumvise ko inama yahabwa n’umuhanuzi ari yo byiringiro bye rukumbi, bityo kugira ngo avugane n’intumwa y’Ijuru, yagombye kwitabaza intumwa y’ikuzimu! Sawuli yari yarirunduriye mu maboko ya Satani; maze Satani unezezwa no gutera abantu imibabaro no kubarimbura, yakoraga uko ashoboye kose kugira ngo arimbure uwo mwami wari wabuze amahoro. Ku byo Sawuli yasabye ashavuye yahawe ubutumwa buteye ubwoba bwitwaga ko buvuye mu kanwa ka Samweli buvuga ngo: {AA 472.3}

“Umbarije iki, ubwo Uwiteka yakuretse agahinduka umwanzi wawe? Uwiteka ubwe

yagenje nk’uko yabivugiye muri jye, Uwiteka yaguciye ku ngoma, ayiha umuturanyi wawe Dawidi, kuko utumviye Uwiteka, kandi ntusohoze uburakari bwe bukomeye ku Bamaleki. Ni cyo gitumye Uwiteka ubu ngubu akugenza atyo. Ndetse Uwiteka azaguhana n’Abisirayeli mu Bafilisitiya.” {AA 472.4}

Mu byo yakoze byose yigomeka, Sawuli yoshywaga kandi agashukwa na Satani. Umurimo w’umushukanyi ni ugupfobya icyaha, gutuma inzira yo kugomera Imana yoroha kandi ikaba ireshya no gushyira umwijima mu bwenge ntibwumve imiburo mo gukangura bituruka ku Uwiteka. Kubw’imbaraga ye ishukana, Satani yari yarateye Sawuli kwibwira ari mu kuri igihe adakurikiza inama za Samweli n’imiburo ye. Ariko noneho aramuhindukirana, amwereka uburyo icyaha cye gikomeye n’uko adashobora kubabarirwa, agira ngo amutere kwiheba. Nta cyajyaga kurusha ibyo kumutera gucika intege no gushyira ubwenge bwe mu rujijo, cyangwa kwiheba no kwirimbura ubwe. {AA 472.5}

Sawuli yari acitse intege kuko yari ananiwe kandi yiriwe ubusa; yagize ubwoba kandi umutimanama uramushinja. Ubwo yumvaga amagambo ateye ubwoba amubwira ibizamubaho, yahungabanye nk’igiti cy’inganzamarumbo gihushywe n’umuyaga w’ishuheri, maze yikubita hasi yubamye. {AA 472.6}

Uwo mushitsikazi akuka umutima. Umwami w’Abisiraheli yari arambaraye imbere ye nk’uwapfuye. Mbese iyo Sawuli agwa iwe ingaruka zari kumugeraho zari kuba izihe? Yaramwingize ngo ahaguruke afungure, amubwira yuko ubwo yemeye guhara amagara ye akamwemerera ibyo yamusabye, Sawuli na we akwiriye kumwemerera icyo amusaba kugira ngo adapfa. Abagaragu ba Sawuli nabo baramwinginze, amaherezo Sawuli aremera maze uwo mugore amugaburira ikimasa kibyibushye n’umutsima atetse hutihuti. Mbega ibintu! Mu buvumo bwo mu butayu bw’umushitsikazi wari umaze akanya gato avugiwemo amagambo ahanura ibyago, imbere y’intumwa ya Satani, uwari warasizwe amavuta w’Imana ngo abe umwami w’Abisiraheli, ni ho yicaye hasi ararya, kugira ngo yitegure intambara yajyaga kurwana uwo munsi ntatabaruke. {AA 473.1}

Butaracya Sawuli yagarukanye n’abagaragu be baza ku nkambi y’Abisiraheli kugira ngo yitegure urugamba. Sawuli yirimbuye ubwe igihe yajyaga kugisha inama umwuka w’umwijima. Kubera ko yari afite ubwoba bwinshi butewe no kwiheba, ntiyajyaga gushobora gutera ingabo ze ubutwari. Yari yaratandukanye na Soko y’imbaraga, bityo rero ntiyashoboraga kwerekeza intekerezo z’Abisiraheli ku Mana umufasha wabo. Kubw’ibyo, ibibi byari byamuvuzweho byagombaga gusohora. {AA 473.2}

Ingabo z’Abisiraheli n’iz’Abafilisitiya zirasakiranira mu kibaya cy’I Shenemu no ku ducuri tw’umusozi Gilibowa. Nubwo ibiteye ubwoba Sawuli yari yaboneye mu buvumo bwa Endori byari byamukuyemo ibyiringiro byose, Sawuli yarwaniye ubwami bwe

yivuye inyuma. Ariko nta cyo byamugejejeho. “...Abisiraheli barabahunga, ariko bicirwa ku musozi w’i Gilibowa, bagwaho.” Abahungu b’umwami batatu b’intwari bamuguye iruhande. Abarashi basatiriye Sawuli baramwibasira. Yari yamaze kubona ingabo ze zimugwa iruhande ndetse n’abahungu be bicishwa inkota. Na we ubwe yari amaze gukomereka, yari atagishobora kurwana cyangwa guhunga. Guhunga ntibyari bigishobotse maze Sawuli yiyemeza kudafatwa mpiri n’Abafilisitiya, bityo asaba uwamutwazaga intwaro ati: “Kura inkota yawe uyinsogote.” Ubwo uwo muntu yangaga gukura inkota ngo asogote uwo Uwiteka yasize amavuta, Sawuli yiyahuje kwishita ku nkota ye. {AA 473.3}

Nguko uko umwami wa mbere w’Abisiraheli yapfuye, afite icyaha cyo kwiyahura. Imibereho ye yabaye impfabusa, maze ajya ikuzimu atagifite icyubahiro kandi yarihebye bitewe n’uko yari yarakoresheje ubushake bwe bubi akarwanya ubushake b’Imana. {AA 473.4}

Inkuru yo kuneshwa yakwiriye hose maze Abisiraheli bose bagira ubwoba bwinshi. Abantu bahunga imidugudu maze Abafilisitiya bayigarurira badakomwe imbere. Ubwami bwa Sawuli, butagengwaga n’Imana, bwari bwarashimangiye kurimbuka k’ubwoko bwe.

{AA 473.5}

Bukeye bwaho, ubwo Abafilisitiya bagendagendaga aho urugamba rwabereye kugira ngo bacuze intumbi, babonye intumbi ya Sawuli n’iz’abahungu be batatu. Nuko kugira ngo basoze intsinzi yabo, baca Sawuli igihanga, bamwambura n’imyambaro ye y’intambara. Hanyuma igihanga cye n’imyambaro ye y’intambara byajojobaga amaraso babyohereza mu gihugu cy’Abafilisitiya nk’igihamya cy’intsinzi, bamamaza iyo nkuru mu rusengero rw’ibigirwamana byabo no mu bantu. Nuko intwaro za Sawuli bazishyira mu “ngoro ya Ashitaroti,” naho igihanga cye bakimanika mu ngoro ya Dagoni. Uko ni ko icyubahiro cyo kunesha cyahawe imbaraga z’ibyo bigirwamana, maze izina ry’Uwiteka rigakozwa isoni. {AA 473.6}

Imirambo ya Sawuli n’abahungu be yarakuruwe ijyanwa i Betishani wari umudugudu utari kure ya Gilibowa kandi wari hafi y’uruzi rwa Yorodani. Aho ni ho bamanitse intumbi ya Sawuli n’iz’abahungu be ku minyururu kugira ngo ziribwe n’ibisiga. Ariko abagabo b’intwari b’i Yabeshigaleyadi, bibuka uko Sawuli yakijije umudugudu wabo kera ibihe bikimeze neza, maze berekanye ishimwe ryabo babigaragarishije gutwara intumbi y’umwami n’iz’abahungu be babashyingura mu cyubahiro. Bambutse Yorodani nijoro, “bamanura intumbi ya Sawuli n’iz’abahungu be ku nkike z’i Betishani, bageze i Yabeshi bazitwikirayo. Hanyuma benda amagufwa yabo bayahamba munsi y’umunyinya w’i Yabeshi, baherako biyiriza ubusa iminsi irindwi.” Nguko uko ineza yagizwe mu myaka mirongo ine yari ishize, yahesheje Sawuli n’abahungu be

guhambwa n’abanyempuhwe muri icyo gihe cy’ibyago, batsinzwe kandi batagifite icyubahiro. {AA 474.1}

IGICE CYA 67 - UBUPFUMU BWA KERA N’UBWO MURI IKI GIHE

Igitekerezo cyo mu Byanditswe kivuga ibya Sawuli ajya gusura umugore wo kuri Endori, cyabaye isoko y’urujijo ku bantu benshi biga Bibiliya. Hari bamwe bavuga ko Samweli ari we koko wavuganye na Sawuli, nyamara Bibiliya ubwayo itanga ubuhamya buhagije butanga umwanzuro uhabanye n’uwo. Nk’uko bamwe babivuga, niba Samweli yari mu ijuru, yagombaga guhamagarwayo n’Imana cyangwa Satani. Nta wakwizera na hato yuko Satani yari afite ububasha bwo guhamagara umuhanuzi wera w’Imana akamukura mu ijuru ngo aze kubahiriza gushika k’umugore utaragiraga kivurira. Nta nubwo dushobora kwemeza ko Imana yamuhamagaye ngo aze mu buvumo bw’uwo mupfumukazi; kuko Uwiteka yari yamaze kwanga kuvuganira na Sawuli haba mu nzozi, muri Urimu, cyangwa mu bahanuzi. 1 Samweli 28:6. Ubwo ni bwo buryo Imana yari yarashyizeho ngo ivugane n’abantu, kandi Imana ntiyabwirengagije ngo itange ubutumwa bwayo ibunyujije ku mukozi wa Satani. {AA 475.1}

Ubwo butumwa ubwabwo ni igihamya gihagije cyerekena aho bwaturutse. Umugambi wabwo ntiwari uwo gutuma Sawuli yihana, ahubwo wari uwo kumugumisha mu nzira igana mu irimbukiro. Uwo si umurimo w’Imana ahubwo ni uwa Satani. Na none kandi kuba Sawuli yaragiye guhanuza umushitsikazi bivugwa mu Byanditswe byera yuko ari impamvu imwe yatumye Imana imureka ngo arimbuke: “Uko ni ko Sawuli yatanze azize gucumura yacumuye ku Uwiteka, kuko atitondeye ijambo ry’Uwiteka, kandi kuko yashikishije umushitsikazi ngo amuhanuze, ntahanuze Uwiteka. Ni cyo cyatumye amutangisha, ubwami akabugabira Dawidi mwene Yesayi.” (1 Ngoma 10:13,14). Aha bivugwa neza ko Sawuli yahanuje imyuka mibi ntiyahanuje umwuka w’Uwiteka. Sawuli ntiyavuganye na Samweli umuhanuzi w’Imana, ahubwo binyuze ku mushitsikazi, yavuganye na Satani. Satani ntiyashoboraga kuzana Samweli w’ukuri ahubwo yazanye ishusho isa na we kugira ngo asohoze umugambi we w’ubushukanyi. {AA 475.2}

Ubupfumu no gushika hafi ya byose byo mu gihe cya kera byari bishingiye ku myizerere yavugaga yuko kuvugana n’abapfuye bishoboka. Abaraguraga bavugaga

yuko bavugana n’abapfuye kandi ko abo bapfuye babamenyesha ibizabaho mu gihe kizaza. Uyu muco wo kuvugana n’abapfuye uvugwaho mu buhanuzi bwa Yesaya muri aya magambo: “Kandi nibababwira ngo: ‘Nimushake abashitsi mubashikishe, mushake n’abapfumu, banwigira bakongorera’, mbese abantu ntibari bakwiriye gushaka Imana yabo, bakaba ari yo babaza?

Mbese iby’abazima byabazwa abapfuye? ” Yesaya 8:19. {AA 475.3}

Iyi myizerere yo kuvugana n’abapfuye yari urufatiro rwo kuramya ibigirwamana kwakorwaga n’abapagani. Ibigirwamana by’abapagani byizerwaga ko ari imyuka y’abantu bapfuye ari intwari yabaga yarahindutse. Bityo idini y’abapagani yari iyo gusenga abapfuye. Ibi ni ukuri kuboneka mu Byanditswe. Mu gitekerezo cyavuze icyaha Abisiraheli bakoreye i Betipewori, kivuga ko: “Abisirayeri baguma i Shitimu, abantu batangira gusambana n’Abamowabukazi, kuko babararikaga ngo baze mu itamba ry’ibitambo by’imana zabo. Abantu bagatonora bakikubita hasi imbere y’imana zabo. Abisirayeli bifatanya na Bali y’i Pewoli, bikongereza uburakari bw’Uwiteka.” (Kubara 25:1-3). Umuhimbyi wa Zaburi atubwira ubwoko bw’ibigirwamana byatambirwaga ibyo bitambo. Aravuga ati: “Kandi bifatanya na Balipewori, barya intonorano z’ibitariho” (Zaburi 106:28); ibyo ni ibitambo byahawe abapfuye. {AA 475.4}

Kugira abapfuye ibigirwamana byagiye bifata umwanya w’ingenzi mu mikorere yose ya gipagani, nk’uko byagenze kuri ibyo bitaga kuvugana n’abapfuye. Abantu bizeraga ko ibigirwamana bishobora kubamenyesha ubushake bwabyo, kandi ko igihe bigishijwe inama bishobora kuzitanga. Bene ibi tubisanagana mu myizerere yo kwemera ububasha bw’ibigirwamana yari yarabaye gikwira mu Bugiriki no mu bwami bwa Roma.

{AA 476.1}

Ndetse no mu bihugu byitwa ko ari iby’Abakristo, abantu baracyakomeye ku myizerere yo kuvugana n’abapfuye. Mu izina ryo gukorana n’imyuka y’abadayimoni, igikorwa cyo kuvugana n’ibyo bita imyuka y’abapfuye cyabaye gikwira. Icyo gikorwa kiba kigambiriye kwigarurira imitima y’abantu bashyinguye ababo bakundaga. Rimwe na rimwe imyuka iza mu ishusho ry’incuti zapfuye, maze ikavuga ibyo abo bantu bahuye nabyo bakiriho ndetse ikanakora ibyo bakundaga gukora bakiriho. Ibyo bituma abantu bizera ko incuti zabo zapfuye ari abamarayika bagendagenda hafi yabo kandi bavugana nabo. Ibyo byitwa imyuka y’abapfuye birasengwa mu buryo bwihariye, kandi kuri benshi ijambo ryabo rigira agaciro kuruta Ijambo ry’Imana. {AA 476.2}

Nyamara hari abantu benshi bavuga yuko gukorana n’imyuka ari ubuhendanyi busanzwe. Ukwigaragaraza uko gukorana n’imyuka gushingiraho gushimangira ko ibyo kuvuga ari ibintu by’indengakamere, urebye uko kugenda, gufatwa ko ari ubushukanyi. Ariko nubwo ari ukuri ko ingaruka z’ubwo buhendanyi zagiye zigaragaza

ko atari ukwigaragaza nyakuri, hagiye haboneka ibihamya bikomeye byerekana imbaraga y'indengakamere. Kandi abantu benshi batemera iby'imyuka bakavuga yuko ari ubucakura bw'abantu, bazagera aho bemere ibyayo nibabona ibikorwa byayo batabonera ubusobanuro. {AA 476.3}

Gukorana n'imyuka y'abadayimoni byo muri iki gihe ndetse n'ubupfumu bwa kera byose no gusenga ibigirwamana (byose bifitanye isano ryubakiye ku bapfuye) bishingiye ku kinyoma cya mbere Satani yashukishije Eva muri Edeni agira ati: "Gupfa ntimuzapfa; kuko Imana izi yuko ku munsi mwaziriyeho, amaso yanyu azahweza mugahindurwa nk'imana." (Itangiriro 3:4,5). Nk'uko iby'imyuka bishingiye ku bushukanyi no kubukwirakwiza, ni nako bikomoka kuri se w'ibinyoma. {AA 476.4}

Abaheburayo bari barabujijwe mu buryo budasubirwaho kugira gahunda bajyamo yose yerekeranye no gukorana n'abapfuye. Imana yakinze urugi rwerekeza iyo nzira ubwo yavugaga iti: "Abapfuye bo nta cyo bakizi. . . . kandi nta mugabane bakizeye mu bikorerwa munsi y'ijuru byose, kugeza ibihe byose." (Umubwiriza 9:5,6). "Umwuka we umuvamo, agasubira mu butaka bwe, uwo munsi imigambi ye igashira." (Zaburi 146:4). Uwiteka yabwiye Abisiraheli ati: "Kandi umuntu uhindukirira abashitsi n'abapfumu, ngo asambanishe kubashikisha no kubaraguza, nzahoza igitsure cyanjye kuri uwo muntu, mukure ku bwoko bwe." Abalewi 20:6. {AA 476.5}

"Imyuka abashitsi n'abapfumu bazanye" ntabwo yari imyuka y'abapfuye, ahubwo yari abadayimoni, ari zo ntumwa za Satani. Gusenga ibigirwamana kwa kera, nk'uko twabibonye, ari ko kurimo kuramya abapfuye n'ibisa no kuvugana nabo, Bibiliya ibivuga ko ari ukuramya abadayimoni. Ubwo intumwa Pawulo yaburiraga abavandimwe be mu kwizera ababuza kwifatanya n'abaturanyi babo b'abapagani gusenga ibigirwamana mu buryo ubwo ari bwo bwose aravuga ati: ". . . ibyo abapagani baterekereza babiterekereza abadayimoni bakabitura Imana,nanjye sinshaka ko musangira n'abadayimoni." (1Abakorinto 10:20). Umunyezaburi avuga ibyerekeye Abisiraheli agira ati: "Batambiraga abadayimoni abahungu babo n'abakobwa babo," kandi mu mirongo ukurikiraho asobanura yuko babatambiye "ibishushanyo by'i Kanani." (Zaburi 106:37, 38). Mu byo bitaga gusenga abapfuye kwabo, mu by'ukuri basengaga abadayimoni. {AA 476.6}

Dushingiye kuri ibi, ibyo gukorana n'imyuka byo muri iki gihe ni ivugururwa mu buryo bushya bw'ubupfumu no gusenga abadayimoni Imana yaciriyeho iteka kera kandi ikabibuzanya. Byahanuwe kera mu Byanditswe byera bivuga ngo: "mu bihe bizaza bamwe bazagwa bave mu byizerwa, bite ku myuka iyobya n'inyigisho z'abadayimoni." (lTimoteyo 4:1). Mu rwandiko rwa kabiri Pawulo yandikiye Abanyatesaloniki, avuga ku mikorere idasanzwe ya Satani mu byo gukorana no kuvugana n'imyuka y'abadayimoni nk'ikintu kizabaho mbere gato y'uko Kristo agaruka. Ubwo yavugaga ku kugaruka kwa

Kristo, Pawulo avuga ko kuza k'uwo mugome . . . . , gufite imbaraga zose n'ibimenyetso n'ibitangaza by'ibinyoma. (2Abatesalonike 2:9). Na Petero ubwo yasobanuraga akaga itorero rigomba kuzanyuramo mu minsi iheruka, yavuze ko nk'uko habayeho abahanuzi b'ibinyoma bashoye Abisiraheli mu cyaha, ni ko hazabaho n'abigisha b'ibinyoma, "bazazana rwihereranwa inyigisho zirema ibice zitera kurimbuka, ndetse bazihakana na Shebuja wabacunguye . . . Ingeso zabo z'isoni nke benshi bazazikurikiza, batukishe inzira y'ukuri." (2Petero 2:1,2). Muri iri somo intumwa yagaragaje kimwe mu biranga abigisha b'iby'imyuka. Ntabwo bemera ko Kristo ari Umwana w'Imana. Ku byerekeye abo bigisha, intumwa Yohana ukundwa aravuga ati: "Mbese umunyabinyoma ni nde, keretse uhakana ko Yesu ari Kristo? Uhakana Data wa twese n'Umwana we, ni we Antikristo. Umuntu wese uhakana uwo Mwana ntafite na Se, uwemera uwo mwana, ni we ufite na Se." (1 Yohana2:22,23). Kubwo guhakana Kristo, inyigisho z'iby'imyuka, zihakana Data wa twese n'Umwana, kandi Bibiliya ivuga yuko ibyo bigaragaza "antikristo." {AA 477.1}

Kubw'akaga Sawuli yari agiye kuzahura nako kavuzwe binyujijwe mu mushitsikazi wa Endori, Satani yari agambiriye kugusha mu mutego ubwoko bw'Abisiraheli. Yibwiraga ko bazagirira icyizere uwo mushitsikazi maze bikabatera kujya baza kumushikishaho. Uko ni ko bari gutera Imana yabo umugongo kandi ari yo mujyanama wabo maze bakiyegurira kuyoborwa na Satani. Ikinyoma iby'imyuka bikuruza abantu benshi, ni uko babeshya yuko bafite ububasha bwo kumenya iby'ahazaza no guhishurira abantu ibyo Imana yabahishe. Mu Ijambo ryayo, Imana yatweretse ibintu bikomeye bizabaho mu gihe kizaza (ni ibyo dukeneye kumenya byose), kandi yaduhaye umuyobozi utayobya wo kuyobora intambwe zacu mu kaga kose tunyuramo. Ariko umugambi wa Satani ni ukurimbura icyizere abantu bafitiye Imana, kubatera kutanyurwa n'uko bameze mu buzima no kubatera gushakisha ubwenge bw'ibyo Imana yahisemo kutabereka ndetse no gutesha agaciro ibyo Imana yahishuye mu Ijambo ryayo Ryera. {AA 477.2}

Hari abantu babura amahwemo igihe badashobora kumenya umusaruro nyawo uzava mu bikorwa runaka. Ntabwo bashobora kwihanganira ibyo batazi uko bizamera, bityo muri uko kutihangana banga gutegereza kugira ngo babone agakiza k'Imana. Ibyago batekereza ko byabaho bituma bahangayika. Baha urwaho ibitekerezo byabo by'ubwigomeke, maze bagakubita hirya no hino bafite intimba, bashaka kumenya ibyerekeye ibyo batahishuriwe. Iyaba biringiraga Imana, kandi bakaba maso basenga, babona guhumurizwa kuvuye mu ijuru. Imitima yabo yahumurizwa no gushyikirana n'Imana. Abaremerewe n'abafite intimba mu mitima bakabonye uburuhukiro mu mitima yabo iyaba basangaga Yesu. Ariko igihe birengagije uburyo Imana yatoranyije kugira ngo bahumurizwe maze bakifashisha izindi nzira biringira ko baramenya ibyo Imana itabahishuriye, baba bakoze ikosa nk'irya Sawuli kandi kubw'ibyo nta kindi bunguka uretse kumenya ikibi. {AA 477.3}

Ntabwo Imana ishimishwa n’imikorere nk’iyo, kandi yabisobanuye mu buryo bwumvikana neza. Uko kwihutira kumenya ibyahazaza bigaragaza kutizera Imana kandi bikingurira umutima kwakira ibyongorero by’umushukanyi gica. Satani atera abantu kujya gushaka abafite imyuka y’abadayimoni; kandi kubwo guhishura ibintu bihishwe byo mu gihe cyashize, atuma abantu biringira ubushobozi bwe bwo kuvuga ibizaba. Ahereye kubyo yabonye mu myaka myinshi yashize, Satani ashobora kubona ingaruka zibasha kuvuka kandi akenshi akaba yavuga ibishobora kuzabaho mu gihe kizaza mu mibereho y’umuntu nk’uko bizaba. Uko ni ko ashoboye gushuka abantu bayobejwe kandi b’abatindi, maze akabashyira munsi y’ubushobozi bwe bityo akabagira imbohe z’ibyo ashaka. {AA 478.1}

Imana yaduhaye umuburo ibinyujije ku muhanuzi wayo igira iti: “Kandi nibababwira ngo: ‘Nimushake abashitsi mubashikishe, mushake n’abapfumu banwigira bakongorera’, mbese abantu abantu ntibari bakwiriye gushaka Imana yabo, bakaba ari yo babaza? Mbese iby’abazima byabazwa abapfuye? Nimusange amategeko y’Imana n’ibiyihamya. Nibatavuga ibihwanye n’iryo jambo nta museke uzabatambikira.” Yesaya 8:19,20. {AA 478.2}

Mbese abantu bafite Imana yera, nyir’ubwenge n’ubushobozi bitagerwa, bajya ku bapfumu bafite ubwenge bukomoka ku kuvugana n’umwanzi w’Uwiteka? Imana ubwayo ni yo mucyo w’abantu bayo; ku bwo kwizera, ibasaba guhanga amaso yabo ku byiza bihishwe amaso ya kimuntu. Zuba ryo Gukiranuka yohereza imirase irabagirana mu mitima yabo; bafite umucyo uva ku ntebe y’ubwami bw’Imana, bityo rero ntibakeneye gutera umugongo isoko y’umucyo ngo bahindukirire intumwa za Satani. {AA 478.3}

Ubutumwa umudayimoni yabwiye Sawuli, nubwo bwari ubwo kwamagana icyaha ndetse bukaba n’ubuhanuzi buvuga iby’akaga kari kuzamugeraho, ntibwari bugamije kumugarura mu nzira nziza, ahubwo bwari ubwo kumutera kwiheba ngo arimbuke. Nyamara kenshi uwo mushukanyi agera ku migambi ye yo kujyana abantu mu irimbukiro akoresheje uburyo bw’uburyarya. Inyigisho z’ibigirwamana mu bihe byashize zashimangiye gusayisha mu bibi. Amabwiriza y’Imana acira icyaha ho iteka kandi ashimangira ubutungane yarirengagijwe; ukuri kurahinyurwa ndetse gusayisha mu bibi ntibyemerwa gusa ahubwo birashimangirwa. Imyizerere yo gukorana n’imyuka y’abadayimoni ivuga ko nta rupfu rubaho, nta cyaha, nta rubanza, nta bihembo; kandi ko “abantu ari utumana tutacumuye;” ko kwifuza ni ryo tegeko riruta ayandi, kandi ko umuntu nta we umubaza ibyo yakoze keretse umutima we gusa. Uruzitiro Imana yashyizeho ngo rurinde ukuri, ubutungane no kubaha rurasenyuka, maze muri ubwo buryo abantu benshi bagashishikarira gukora icyaha. Mbese inyigisho nk’iyo ntihuje inkomoko n’inyigisho yo kuramya abadayimoni? {AA 478.4}

Uwiteka yeretse Abisiraheli ingaruka zo gukorana n’imyuka mibi, mu bizira Abanyakanani bakoraga: ntibarangwagamo urukundo nyakuri, basengaga ibigirwamana, barasambanaga, bakicana, kandi bakoraga ibizira kubw’ibitekerezo byanduye byose ndetse n’imigirire yo kwigomeka. Abantu ntibazi imitima yabo ubwabo; kuko “umutima w’umuntu urusha ibintu byose gushukana, kandi ufite indwara ntiwizere gukira.” (Yeremiya 17:9). Ariko Imana isobanukiwe icyerekezo cya kamere muntu yangiritse. Mu gihe cya kera n’uko biri no muri iki gihe, Satani yahoraga ari maso ashaka kuzana ibyatuma abantu bigomeka biboroheye, kugira ngo Imana izinukwe ubwoko bw’Abisiraheli nk’uko yari yarazinutswe Abanyakanani. Umwanzi w’abantu ahora ari maso kugira ngo akingure imiyoboro inyuramo ibibi byatugeraho nta nkomyi bihuye nabyo; kuko yifuza ko twarimbuka ndetse tugacirwaho iteka imbere y’Imana. {AA 479.1}

Satani yari yariyemeje gukomeza kwigarurira igihugu cy’i Kanani, kandi igihe Kanani yahabwaga Abisiraheli ngo bayituremo, n’igihe amategeko y’Imana yagirwaga amategeko agenga igihugu, Satani yanze Abisiraheli urwango rukaze ndetse ategura uko bazarimbuka. Binyuze mu bakorana n’imyuka mibi, ibigirwamana byinjijwe mu ishyanga; kandi kubera kugomera Imana, amaherezo ubwoko bwatoranyijwe bwaratatanyijwe bukurwa mu Gihugu cy’Isezerano. Satani ari gukora uko ashoboye kose kugira ngo aya mateka yisubiremo muri iki gihe cyacu. Imana irakura abantu bayo mu bizira by’isi kugira ngo babashe kubahiriza amategeko yayo. Kandi kubw’ibyo, umujinya w “umurezi wa bene Data” ntugira uko ungana. “Satani yabamanukiye afite umujinya mwinshi, azi yuko afite igihe gito.” (Ibyahishuwe 12:10, 12). Igihugu nyakuri cy’Isezerano kiri imbere, kandi Satani yiyemeje kurimbura ubwoko bw’Imana ngo abe abatandukanyije n’umurage wabo. Nta kindi gihe kiruta iki abantu bigeze bakenera ubutumwa bw’imiburo buvuga ngo: “Mube maso musenge, mutajya mu moshya.” Mariko 14:38. {AA 479.2}

Amagambo Uwiteka yabwiye Abisiraheli ba kera arabwirwa n’ubwoko bwe muri iki gihe ngo: “Ntimugahindukirire abashitsi cyangwa abapfumu, ntimukabashikishe, ntimukabaraguze ngo mubiyandurishe;” “kuko ukora ibyo wese ari ikizira Uwiteka yanga urunuka.” Abalewi 19:31; Gutegeka kwa kabiri 18:12. {AA 479.3}

IGICE CYA 68 - DAWIDI I SIKULAGI

Nubwo Dawidi n'ingabo ze bari bajyanye n'Abafilisitiya bakagerana aourugamba rwagombaga kuremera, ntabwo barwanye mu rugamba rwahuje Sawuli n'Abafilisitiya. Ubwo izo ngabo z'impande zombi ziteguraga kurwana, mwene Yesayi yisanze ari mu kaga gakomeye cyane. Byari byitezwe ko Dawidi arwana ku ruhande rw'Abafilisitiya. Iyo igihe urugamba rwari kuba ruremye maze akava mu mwanya yari yashinzwe, agahunga, ntiyari kuba yishyizeho ikimwaro cy'ubugwari gusa, ahubwo yari kuba abaye indashima ndetse agambaniye Akishi wari waramurinze akamuha ubuhungiro. Igikorwa nk'icyo cyajyaga kumushyiraho urubwa maze kikamuteza umujinya w'abanzi be yagombaga gutinyaga cyane kurusha uko yatinyaga Sawuli. Nyamara ntiyajyaga kwemera na hato kurwanya Abisiraheli. Iyo abihangara, yari kuba agambaniye igihugu cye, maze akaba abaye umwanzi w'Imana n'uw'ubwoko bwe. Ibyo byajyaga kumubuza kuzicara ku ngoma mu Bisiraheli by'iteka ryose; kandi iyo Sawuli apfira kuri urwo rugamba, urupfu rwe rwajyaga kugerekwa kuri Dawidi. {AA 480.1}

Dawidi yiyumvisemo ko yayobye inzira yagombaga gucamo. Byajyaga kurushaho kuba byiza ahungiye mu gihome gikomeye cy'Imana cyo mu misozi aho gufatanya n'abanzi bakomeye b'Uwiteka n'ubwoko bwe. Ariko Uwiteka ugira imbabazi nyinshi ntiyahannye ikosa ry'umugaragu we ngo amurekere muri urwo rungabangabo; kuko nubwo Dawidi yari atakibona imbaraga y'Imana, akaba yari yaracogoye akava mu nzira y'ubupfura, umutima we wari ugifite umugambi wo kudahemuka ku Mana. Nubwo Satani n'ingabo ze bakoraga ubudacogora bafasha abanzi b'Imana n'Abisiraheli kandi barwanya umwami wari wararetse Imana, abamarayika b'Uwiteka nabo barakoraga kugira ngo barokore Dawidi bamukure mu kaga yari yagezemo. Intumwa z'ijuru zagendereye abatware b'Abafilisitiya zibatera kwanga ko Dawidi n'ingabo ze barwana iyo ntambara yari igiye kuba. {AA 480.2}

Abatware b'Abafilisitiya batera hejuru babaza Akishi bati: "Mbese kandi Abaheburayo barakora iki hano?" Akishi yabasubije adashaka kwifatanya n'icyo cyifuzo cyabo ati: "Uyu si we Dawidi umugaragu wa Sawuli umwami wa Isirayeli, umaranye nanjye iminsi, ndetse n'imyaka? Kandi uhereye igihe yimukiye iwabo, akampakwaho, nta cyaha namubonyeho kugeza ubu?" {AA 480.3}

Ariko abo batware bakomeza kwanga kandi bibarakaje bati: "Subizayo uwo mugabo

asubire mu gikingi cye wamukebeye, we kumwemerera kujyana natwe ku rugamba ataduhindukira umugambanyi rucyambikana. Mbese iki kigabo icyacyunga na shebuja ni iki? Si ibihanga by'aba bantu? Mbese uyu si we Dawidi babyinaga bati: 'Sawuli yishe ibihumbi, Dawidi yica inzovu?'" Urupfu rw'igihangange cyabo ndetse n'uko ico gihe Abisiraheli babanesheje byari bikiri mu ntekerezo z'Abatware b'Abafilisitiya. Ntibemeraga ko Dawidi yajyaga kurwanya ubwoko bwe; kandi bibwiraga ko urugamba nirumara guhinana, yajyaga kumerera nabi Abafilisitiya kurusha uko ingabo za Sawuli zose zari kubikora. {AA 480.4}

Nuko Akishi yemera ibyo bamusabye maze ahamagara Dawidi aramubwira ati: "Nk'uko Uwiteka ahoraho, wabaye umukiranutsi. Imitabarire n'imitabarukire yawe iyo turi kumwe mu ngabo birantunganira, kuko uhereye igihe wankereje, nta cyaha nakubonyeho kugeza ubu, ariko rero abatware ntibagukunze. None isubirireyo ugende amahoro, we kwirirwa urakaza abatware b'Abafilisitiya." {AA 481.1}

Ariko Dawidi atinye kurwanya ibitekerezo nyakuri byari mu mutima we arasubiza ati: "Ariko se nacumuye iki? Uhereye igihe twabaniye kugeza ubu, wambonyeho iki cyambuza gutabara ngo njye kurwanya ababisha b'umwami databuja?" {AA 481.2}

Igisubizo Akishi yamuhaye gishobora kuba cyarateye ikimwaro no kwicuza mu mutima wa Dawidi ubwo yatekerezaga uko bidakwiriye ko umugaragu w'Uwiteka yagerwaho no guhemukirwa nk'uko yikururiye. Umwami yaramubwiye ati: "Ku bwanjye nzi ko untunganiye nka marayika w'Imana, ariko abatware b'Abafilisitiya baravuze ngo: 'Ntari butabarane natwe.' Nuko none uzindukane kare mu gitondo n'abagaragu ba shobuja mwazanye, nimumara kubyuka kare mu gitondo habona muzahereko mugende." Uko ni ko umutego Dawidi yari aguyemo wateguwe maze akagenda amahoro. {AA 481.3}

Nyuma y'urugendo rw'iminsi itatu Dawidi n'abantu be magana atandatu bagera i Sikulagi, aho bari batuye mu gihugu cy'Abafilisitiya. Ariko bahageze basanze ari umusaka. Abamaleki bari baboneyeho urwaho Dawidi n'ingabo ze badahari maze barihorera kuko Dawidi yari yarabateye mu gihugu cyabo. Bari batunguye uwo mudugudu wari utarinzwe, maze bamaze kuwusahura no kuwutwika baragenda, banyaga abagore n'abana bose, batwara n'iminyago myinshi. {AA 481.4}

Dawidi n'abantu be bamaze umwanya bababaye bumiwe bareba ayo matongo yari agicumbamo imyotsi. Hanyuma babonye akaga bari barimo, abo bagabo bari bararwanye intambara nyinshi « baherako batera hejuru, bararira, barahogora, bagera aho batakibasha kurira. » {AA 481.5}

Aho niho Dawidi yahaniwe na none kutagira kwizera kwamuteye kwishyira mu maboko y'Abafilisitiya. Yagize umwanya wo kubona uko ubwihisho buboneka mu banzi b'Imana n'ubwoko bwayo buba bumeze. Abari barakurikiye Dawidi baramuhindukiye

bamubwira ko ari we ntandaro y’akaga barimo. Dawidi yari yarasembuye Abamaleki igihe yabateraga; nyamara yagize kwizera cyane ko nta cyo yajyaga kuba hagati y’abanzi be, asiga umudugudu utarinzwe. Ingabo ze zazabiranyijwe n’uburakari n’umujinya zishaka gukora ishyano ndetse zari zigiye kumutera amabuye. {AA 481.6}

Dawidi yasaga n’utagifite umuntu n’umwe umushyigikiye. Ibyo yakundaga cyane byose ku isi yari yabyambuwe. Sawuli yari yaramwirukanye mu gihugu cye; Abafilisitiya bari bamwirukanye ku rugerero; Abamaleki bari basahuye umudugudu we; abagore be n’abana be bari bagizwe imbohe; kandi n’incuti ze zari zamuhindukiranye zishaka kumwica. Muri icyo gihe cy’akaga gakomeye, aho kugira ngo Dawidi yemerere intekerezo ze gutinda kuri ibyo bihe bibabaje yarimo, yahanze amaso Imana akomeje ngo imufashe. «Yikomereje ku Uwiteka. » Yongeye gutekereza ku byamubayeho mu buzima. Mbese muri ibyo ni he Uwiteka yari yaramutereranye? Ubwo yibukaga ibihamya byinshi by’ubuntu bw’Imana, umutima we wasubijwemo intege. Kubw’uburakari bwabo no kutihangana, abari barakurikiye Dawidi batumye umubabaro wabo wikuba kabiri ; ariko umuntu w’Imana, wari ufite n’impamvu ikomeye yo kubabara kubarusha, we yagize kwikomeza n’ubutwari. Mu mutima we hari aya magambo ngo: “Uko ntinya kose, nzakwiringira” (Zaburi 56:3). Nubwo Dawidi ubwe atashoboraga kubona uko azava muri izo ngorane, Imana yo yarabibonaga kandi yari kumugira inama y’icyo akwiriye gukora. {AA 481.7}

Atumiza Abiyatari umutambyi, mwene Ahimeleki maze “Dawidi aherako agisha Uwiteka inama ati: ‘Ninkurikira izo ngabo, nzazifata?’ Aramusubiza ati: ‘Zikurikire, kuko utazabura kuzifata, ukagarura byose.” 1Samweli 30 :8.

{AA 482.1}

Kubera ayo magambo, umuborogo utewe nagahinda n’umubabaro warahagaze. Dawidi n’ingabo ze baherako bahaguruka bakurikira abanzi babo bahungaga. Bagendaga bihuta cyane, bityo bageze ku kagezi Besori kisukiraga mu Nyanja ya Mediterane hafi ya Gaza, bituma magana abiri muri bo bari bananiwe basigara. Ariko Dawidi n’abo magana ane bari basigaye barakomeza ntihagira ikibaca intege. {AA 482.2}

Bageze imbere bahasanga inkoreragahato y’Umunyegiputa yagaragaraga yuko igiye kwicwa n’umunaniro n’inzara. Bamuhaye ibyokurya n’icyo kunywa, arahembuka, maze bamenya ko yari yatawe na shebuja w’umugome ngo apfe. Shebuje w’iyo nkoreragahato yari umwe mu Bamaleki wari muri izo ngabo zari zateye. Uwo muntu yababwiye uko igitero no gusahura byagenze, maze bamaze kumusezeranya yuko atazicwa cyangwa ngo asubizwe shebuja, yemera kuyobora Dawidi n’ingabo ze aho abanzi babo bari baciye ingando. {AA 482.3}

Bageze ahitegeye aho izo ngabo zari zigandagaje, babona abantu bari mu byishimo byinshi. “Basanga bagandagaje, barya banywa, bishimira iminyago myinshi bakuye mu gihugu cy’Abafilisitiya no mu cy’Abayuda.” Hahise hatangwa itegeko ryo guhita basakiza izo ngabo maze ingabo za Dawidi zibagwa gitumo. Abamaleki baguwe gitumo babura uko babigenza. Urugamba rwarakomeje rugeza nijoro na bukeye bwaho, kugeza ubwo bendaga kumaraho izo ngabo zose keretse abahungu magana ane gusa binaguriye ku ngamiya zabo bagahunga. Ijambo ry’Uwiteka ryarasohoye. “Dawidi agarura ibyo Abamaleki bari banyaze byose, atangira abagore be bombi. Ntibagira ikintu babura, ari igito ari ikinini, ari abana b’abahungu cyangwa abakobwa, haba na kimwe cyo mu minyago, cyangwa ikintu cyose bari banyazwe, Dawidi abigarura byose.” {AA 482.4}

Igihe Dawidi yateraga akarere k’Abamaleki, yari yarishe abaturage bose yafashe. Iyo batabuzwa n’imbaraga y’Imana, Abamaleki bajyaga kurimbura abantu b’i Sikulagi. Biyemeje kutica abari banyazwe, bifuza kuzahabwa icyubahiro cyinshi bacyuye imbohe nyinshi, kandi bari bafite umugambi wo kuzagurishwa izo mbohe nk’inkoreragahato. Ng’uko uko basohoje umugambi w’Imana atari ku bushake bwabo, ntibica imbohe kugira ngo zizasubizwe abagabo babo na ba se. {AA 482.5}

Ubutware bwose bwo ku isi bugengwa n’Imana. Uhoraho abwira abatware bakomeye n’abakandamiza abandi b’abagome ruharwa ati: “Garukira aha ntuharenge.” (Yobu 38:11). Imbaraga y’Imana ihora ikra kugira ngo ikome mu nkokora abakozi b’umubi. Imana ihora ikorera mu bantu, atari ukugira ngo ibarimbure ahubwo ari ukugira ngo ibagarure mu nzira nziza kandi ibarinde. {AA 482.6}

Dawidi n’ingabo ze bamaze kunesha batashye bishimye cyane. Bageze kuri bagenzi babo bari basigaye inyuma, abanyamururumba kandi batari bafite ingeso nziza bo muri abo magana ane, basabye yuko abatarwanye iyo ntambara batagabana na bo iminyago; ko bigahije gusa ko buri wese yasubirana umugore we n’abana be. Ariko ibyo Dawidi ntiyabyemeye. Yaravuze ati: “Bene data, si ko muri bugenze ibyo Uwiteka yaduhaye, . . . Umugabane w’uwagiye mu ntambara urahwana n’uw’uwasigaye ku bintu. Nuko baragabana baranganya.” Uko ni ko icyo kibazo cyakemuwe kandi nyumaya yaho byaje guhinduka itegeko mu Bisiraheli ko abantu bose bakoranaga neza n’ingabo muri gahunda zazo bagomba kujya bagabana iminyago n’abarwanye urugamba nyirizina bakanganya. {AA 482.7}

Uretse kugarura iminyago yose yari yakuwe i Zikulagi, Dawidi n’umutwe we bari banyaze imikumbi myinshi n’amashyo menshi by’Abamaleki. Ibyo byiswe “iminyago ya Dawidi,” kandi bagarutse i Sikulagi, yafashe muri iyo minyago maze yoherereza abatware b’umuryango we wa Yuda. Muri uko gusaranganya iminyago, yibutse abamugiriye neza bose we n’abantu be aho babaga mu misozi, igihe yameneshwaga

agahunga ngo akize ubugingo bwe. Ineza n’urukundo bagaragarije iyo mpunzi yahigwaga, yituwe muri ubwo buryo. {AA 483.1}

Hari hashize iminsi itatu Dawidi n’ingabo ze bagarutse i Zikulagi. Ubwo bakoraga kugira ngo basane ingo zabo zari zarabaye amatongo, bari bahagaritse imitima bategereje inkuru ituruka ku rugamba aho Abisiraheli bagombaga kurwana n’Abafilisitiya. Mu kanya gato babaonye intumwa yinjiye mu mudugudu wabo, “...ashishimuye imyenda ye yisize umukungugu mu mutwe.” Baherako bamushyira Dawidi, maze amugeze imbere aramwunamira nk’aho ari umutware ukomeye akaba amushakaho ubutoni. Dawidi yamubazanyije amatsiko uko urugamba rwagenze. Uwo muntu wari ucitse avuga uko Sawuli yaneshejwe, uko yapfuye, n’uko Yonatani yapfuye. Ariko yashyizeho agakabyo. Kubera kwibwira ko Dawidi yangaga uwamutotezaga ubudatuza, uwo munyamahanga yibwiraga yuko azahabwa icyubahiro navuga ko ari we wishe umwami. Avugana ubwirasi uburyo yasanze umwami w’Abisiraheli yakomerekejwe, kandi ko yari yibasiwe n’ababisha be, kandi ko abisabwe n’umwami ubwe ari we wamusonze. Yari azaniye Dawidi ikamba yamukuye ku mutwe n’imiringa y’izahabu yo ku maboko. Yari yizeye adashidikanya ko iyo nkuru irakiranwa ibyishimo, kandi ko arahabwa ingororano ikomeye y’ibyo yari yakoze. {AA 483.2}

Ariko “Dawidi afata imyenda ye, arayishishimura, n’abari kumwe na we bose babigenza batyo. Bacura umuborogo bararira, biyiriza ubusa bageza nimugoroba, bababajwe na Sawuli n’umuhungu we Yonatani kandi n’abantu b’Uwiteka n’inzu ya Isirayeli, kuko bicishijwe inkota.” {AA 483.3}

Dawidi agaruye agatima nyuma yo kumva iyo nkuru mbi, ibitekerezo bye byerekera kuri wa munyamahanga wazanye iyo nkuru no ku cyaha yari yakoze nk’uko yabyivugiye. Dadiwi abaza uwo musore ati: “Uri uwa he?” Arasubiza ati: “Ndi umwana w’Umwamaleki w’umunyamahanga.” Dawidi aramubaza ati: “Ni iki cyatumye udatinya, ugahangara kuramburira ukuboko kwica umuntu Uwiteka yimikishije amavuta?” Incuro ebyiri zose Dawidi yigeze abona Sawuli ari mu maboko ye, ariko ubwo yasabwaga kumwica, yari yaranze kuramburira ukuboko kwe kwica uwejejwe kubw’itegeko ry’Imana ngo ategeke Isiraheli. Nyamara Umwameleki ntiyatinye kwirata ko yishe umwami w’Abisiraheli. Yari yishinje icyaha gikwiriye kumwicisha, kandi yahise yicwa. Dawidi yaramubwiye ati: “Amaraso yawe abe ari wowe aba ku mutwe, kuko akanwa kawe ari ko muhamya nk’uko uvuze ngo: ‘Nishe uwo Uwiteka yimikishije amavuta.’” {AA 483.4}

Agahinda Dawidi yagize kubera urupfu rwa Sawuli kari kavuye ku mutima, kagaragaza impuhwe z’umuntu ufite imico myiza. Dawidi ntiyishimye umwanzi we aguye. Icyamubuzaga kwimikwa ngo ajye ku ngoma mu Bisiraheli cyari kivuyeho, ariko ibyo ntibyatumye yishima. Urupfu rwari rwahanaguye muri Dawidi kwibuka ibyo ubuhemu

bwa Sawuli n’ubugome bwe, kandi nta yandi mateka yamutekerezagaho uretse ibyo yakoze byiza kandi bikwiriye umwami. Izina rya Sawuli ryari rifitanye isano n’irya Yonatani wari waramubereye incuti nyakuri kandi itikunda.

{AA 484.1}

Indirimbo Dawidi yagaragarijemo uko umutima we wari umeze yabereye ubutunzi bw’agaciro kenshi igihugu cye n’abantu b’Imana bo mu bihe byose: {AA 484.2}

“Icyubahiro cyawe, Isirayeli,

Cyiciwe mu mpinga z’imisozi!

Erega abanyambaraga baraguye!

Ntimuzabivuge muri Gati,

Ntimuzabyamamaze mu nzira z’Abashikeloni,

Abakobwa b’Abafilisitiya batanezerwa,

Abakobwa b’abatakebwe be kwishimagiza.

Mwa misozi y’I Gilibowa mwe mwe,

Kuri mwe ntihagatonde ikime,

Ntihakagwe imvura,

Ntihakabe imirima yera imyaka y’amaturo,

Kuko ari ho ingabo y’umunyambaraga yagwanye umugayo,

Ni yo ngabo ya Sawuli, nk’iyo utikimikishijwe amavuta.

Umuheto wa Yonatani ntiwasubiraga inyuma,

Ngo uve mu maraso y’abishwe,

No ku banyambaraga b’ibihangange,

Kandi inkota ya Sawuli ntiyavukaga.

Sawuli na Yonatani bari beza,

Bafiteigikundiro bakiriho,

Kandi mu ipfa ryabo ntibaguye ukubiri.

Bari abanyamuvumbuko kurusha ikizu,

Bari abanyamaboko kurusha intare.

Bakobwa ba Isirayeli, nimuririre Sawuli,

Wabambikaga imyenda y'imihemba yo kurimbana,

Warimbishaga imyambaro yanyu izahabu.

Erega abanyamabaraga baguye mu ntamabara hagati!

Yonatani yiciwe mu mpinga z'imisozi yawe.

Unteye agahinda mwene data Yonatani,

Wambereye uw'igikundiro bihebuje.

Urukundo wankundaga rwari igitangaza,

Rwarutaga urukundo rw'abagore.

Erega abanyambaraga baraguye,

N'intwaro zabo zirashize!" {AA 484.3}

2 Samweli 1:19-27.

{AA 484}

IGICE CYA 69 - DAWIDI YIMIKWA

Urupfu rwa Sawuli rwakuyeho ibyago byose byari byaratumye Dawidi aba impunzi. Noneho urugi rwar rukinguye kugira ngo asubire mu gihungu cye. Igihe iminsi yo kuririra Sawuli na Yonatani yari irangiye, "Dawidi yagishije Uwitaka inama ati: 'Mbese nzamuke njye mu mudugudu umwe mu y'Abayuda? Uwiteka aramubwira ati: 'Zamuka.' Dawidi ati: 'Njye he?' Aramusubiza ati: 'I Heburoni.'" {AA 485.1}

Haburoni yari ku birometero bigera kuri mirongo itatu mu majyaruguru ya Berisheba, ndetse n'ahajya kuba hagati y'uwo mujyi n'ahari kuzaba umurwa wa Yerusalemu. Aho hantu hitwaga Kiriyati-araba, wari umurwa wa Aruba, se wa Anaki. Nyuma y'aho haje kwitwa Mamure, kandi aho ni ho abakurambere bari barahambwe mu buvumo bw'i Makipela. Heburoni yari yarigeze kuba iya Kalebu kandi ubu noneho yari umurwa mukuru w'intara y'Ubuyuda. Heburoni iherereye mu kibaya gikikijwe n'akarere k'imisozi n'ubutakabirumbuka. Imizabibu myiza cyane yo muri Palesitina yari ku mbibi z'ako karere, hari n'imirima myinshi y'imyerayo n'ibindi biti byera imbuto. {AA 485.2}

Dawidi n’abantu be baherako bitegura gukurikiza amabwiriza bari bahawe n’Imana. Bidatinze za ngabo magana atandatu n’abagore babo n’abana babo, n’amashyo n’imikumbi byabo, bari bafashe urugendo berekeje i Heburoni. Bacyinjira muri uwo murwa, Abayuda bari bategereje kwakira Dawidi wari ugiye kuba umwami w’Abisiraheli. Baherako bagira imyiteguro yo kumwimika. “Bukeye Abayuda baraza bamwimikishirizayo amavuta, kugira ngo abe umwami w’umuryango w’Abayuda.” Ariko ntibageragejе kumugira umutegetsi w’iyindi miryango ku ngufu. {AA 486.1}

Kimwe mu bikorwa bya mbere uwo mutware mushya yakoze cyabaye kugaragaza umutima we w’ineza yibuka Sawuli na Yonatani. Dawidi amenye igikorwa cy’ubutwari cy’abantu b’ i Yabeshi-galeyadi ubwo bafataga imirambo ya Sawuli na Yonatani bakabashyingura cyubahiro, Dawidi yohereje intumwa i Yabeshi abohereza ubutumwa bugira buti: “Muragahirwa n’Uwiteka, kuko mwagiriye shobuja Sawuli imbabazi mutyo, mukamuhamba. Nuko rero Uwiteka abagirire imbabazi n’umurava, nanjye nzabitura iyo neza, kuko mwagize mutyo.” Maze atangaza ko yimye ingoma i Buyuda maze bituma abari baramubereye inkoramutima barushaho kumwubaha. {AA 486.2}

Abafilisitiya ntibarwanyije igikorwa cy’Abayuda cyo kwimika Dawidi ngo ababere umwami. Bari baramukunze ubwo yari mu buhungiro kugira ngo bakoze isoni kandi bace intege ubwami bwa Sawuli. Kubw’ibyo kubera ineza bari baragiriye Dawidi, biringiraga ko kwaguka k’ubutegetsi bwe kwari kubagirira umumaro. Ariko ingoma ya Dawidi ntiyari kutajya ihura n’ingorane. Kwimikwa kwe kwatangiranye n’ibikorwa bibi by’ubugambanyi no kwigomeka. Ntabwo Dawidi yimye ingoma y’umugambanyi; Imana yari yaramutoranyije ngo abe umwami w’Abisiraheli, kandi ntihari harabayeho kutamwiringira cyangwa kumurwanya. Nyamara ubutware bwe butaremerwa n’Abayuda bose, ni bwo binyuze mu bugambanyi bwa Abuneri, Ishibosheti umuhungu wa Sawuli na we yatangajwe ko abaye umwami, yima ingoma yindi mu Bisiraheli. {AA 486.3}

Ishibosheti yari umuntu uhagarariye umuryango wa Sawuli, w’umunyantegenke kandi ufite ubushobozi buke, naho Dawidi yari asanzwe yujuje ibyangombwa byo gufata inshingano z’ubwami. Abuneri wahirimbaniye cyane kwimika Ishibosheti, yari yarabaye umugaba mukuru mu ngabo za Sawuli kandi yari afite icyubahiro kiruta icy’abandi muri Isiraheli. Abuneri yari azi ko Dawidi yashyizweho n’Uwiteka ngo abe umwami mu Bisiraheli, ariko kubera ko yari yarahize Dawidi igihe kirekire, ntiyashakaga ko uwo muhungu wa Yesayi asimbura Sawuli ku ngoma. {AA 486.4}

Ibyo Abuneri yari yishyizemo byatumye imico ye nyakuri ikura kandi bigaragaza ko akunda ubutegetsi ndetse ko nta gahunda ihamye yagiraga. Umutima we wari waromatanye na Sawuli kandi umwami yari yaramuteye gusuzugura umuntu Imana

yari yaratoranyije ngo ategeke Isiraheli. Urwango rwe rwari rwarongewe n'umugayo ukomeye Dawidi yamushyizeho ubwo urunywero rw'amazi n'icumu by'umwami byakurwaga iruhande rwa Sawuli igihe yari asinziriye ku rugerero. Yibutse uko Dawidi yahamagaye n'ijwi rirenga umwami n'Abisiraheli bose bumva agira ati: "Mbese nturi intwari? Hari uhwanye nawe muri Isirayeli? Ariko none ni iki cyakubujije kurarira umwami shobuja? . . . Reka reka ibyo wakoze si byiza. Ndahiye Uwiteka uhoraho, mwari mukwiriye gupfa kuko mutarinze shobuja, Uwiteka yimikishije amavuta." Aya magambo yo kumucyaha yari yaramukoze ku mutima, maze yiyemeza kuzasohoza umugambi wo kwihorera no kuzana amacakubiri muri Isiraheli ibyo bikamuhesha icyubahiro. Yakoresheje uwari uhagarariye umuryango w'umwami watanze kugira ngo imigambi yo kwishyira hejuru kwe ijye mbere. Yari azi ko rubanda rwakundaga Yonatani. Bari bakimwibuka bamukunze, kandi ngabo zari zitaribagirwa intambara za mbere Sawuli yarwanye akanesha. Byatumye uwo mutware w'icyigomeke yiyemeza kudacika intege akuzuza imigambi ye nk'ufite impamvu y'ukuri ibimutera. {AA 486.5}

I Mahanayimu, ku rundi ruhande rwa kure rw'uruzi rwa Yorodani, ni ho bahisemo ko umwami atura kuko hari ahantu hikingiye ibitero bishobora guturuka kuri Dawidi cyangwa mu Bafilisitiya. Aho ni ho Ishibosheti yimikiwe. Ubwami bwe bwabanje kwemerwa n'imiryango yo mu burasirazuba bwa bwa Yorodani, maze amaherezo buraguka bukwira mu Bisiraheli bose uretse umuryango wa Yuda. Uwo muhungu wa Sawuli yamaze imyaka ibiri ashengererwa mu murwa we wari witaruye. Ariko Abuneri wari ugamije gutegeka Isiraheli yose, yateguye intambara ikomeye. "Nuko ab'inzu ya Sawuli n'ab'inzu ya Dawidi bamara igihe kirekire barwana; Dawidi akajya arushaho gukomera, ariko ab'inzu ya Sawuli barushaho gucogora." {AA 487.1}

Amaherezo ubugambanyi bwahiritse ingoma yari yarashyezweho mu bugome no kurarikira ubutegetsi. Abuneri ateshejwe umutwe n'intege nke n'ubushobozi buke bwa Ishibosheti, yaramucitse asanga Dawidi amusezeranya no kumuhindurira imiryango yose y'Abisiraheli ikamuyoboka. Umwami Dawidi yemeye ibyifuzo bye maze yamburwa icyubahiro cye kugira ngo asohoze umugambi we. Ariko Yowabu, umugaba w'ingabo za Dawidi, aterwa ishyari n'uburyo uwo musirikari ukomeye yakiriwe neza. Abuneri na Yowabu bari bafitanye urwangano rwaturutse ku maraso ya Asaheli, umuvandimwe wa Yowabu, wishwe na Abuneri mu ntambara yabaye hagati y'Abisiraheli n'Abayuda. Noneho Yowabu aba abonye amahirwe yo guhorera umuvandimwe no kwikiza uwari uje kumubangamira, bityo akoresha ayo mahirwe kugira ngo ariganye Abuneri amucire igico amwice. {AA 487.2}

Dawidi yumvise icyo gikorwa cy'ubugambanyi, aravuga ati: "Jye n'ubwami bwanjye ntituzagibwaho n'urubanza rw'amaraso ya Abuneri mwene Neri, imbere yUwiteka iminsi yose. Ahubwo ruzabe kuri Yowabu no ku rugo rwa se rwose." Kuko ubwo bwami butari bufite umutekano, kandi kuko abo bicanyi bari bakomeye, (kuko Abishayi

umuvandimwe wa Yowabu yari yarifatanyije nawe), byatumye Dawidi adahana ubwo bugizi bwa nabi akurikije ubutabera, nyamara yerekanye ku mugaragaro yuko yanze urunuka icyo gikorwa cyo kumena amaraso. Abuneri yashinguranwe icyubahiro cyinshi. Ingabo za Dawidi, ziyobowe na Yowabu, zasabwe kujya mu mihango yo kuborogera Abuneri zambaye ibigunira. Umwami yagaragaje agahinda byamuteye yiyiriza ubusa ku munsi wo guhamba Abuneri, aherekeza ikiriba ari we uyoboye abamuborogera maze bageze ku mva avuga amagambo y'akababaro acyaha bikomeye abo bicanyi. {AA 487.3}

"Umwami aborogera Abuneli aravuga ati:

Mbese Abuneri yari akwiye gupfa nk'igicucu?

Amaboko yawe ataboshywe,

Kanddi ibireneg byawe bitabohejwe iminyururu, Nk'uko umuntu agwa imbere y'abanyabyaha,

Ni ko uguye." {AA 487.4}

Kuba Dawidi yarazirikanye umuntu wahoze ari umwanzi we ukomeye byatumye Abisiraheli bose bamugirira icyizere kandi baramukunda. "Abantu bose babyitegereje barabyishimira, ndetse ibyo umwami yakoraga byose ni ko byanezezaga abantu bose. Nuko uwo munsi abantu bose n'Abisirayeli bose, bamenya ko bitaturutse ku mwami kwica Abuneri mwene Neri." Umwami yihereranye n'abajyanama be yizeraga n'ibyegera bye, hanyuma ababwira kuri cyaha cyakozwe, kandi kubera ko yari azi ko adashobora guhana abo bicanyi nk'uko yifuza, yarabihoreye ngo Imana abe ari yo ibacira urubanza. Umwami yarababwiye ati: "Aho muzi ko ubu mu Bisirayeli hapfuye igikomangoma cyari umugabo ukomeye? Kandi nanjye n'aho ndi umwami wimikishijwe amavuta, ariko ubu ndi umunebwe. Kandi abo bagabo bene Seruya ni ibigaganyare, barananira. Uwiteka yiture inkozi y'ibibi ibihwanye no gukiranirwa kwayo." {AA 488.1}

Abuneri yari yaravugishije ukuri mu kwitanga kwe no mu byo yasezeraniye Dawidi, nyamara impamvu zari zabimuteye zari mbi zirimo kwikunda. Yari yararwanyije yivuye inyuma umwami Imana yari yarashyizeho, agambiriye kwihesha icyubahiro. Kutanyurwa, ubwibone bwe no kurarikira ni byo byamuteye kuvirira uruhande yari amaze igihe kirekire akorera; kandi mu guhungira kuri Dawidi yibwiraga ko azahabwa umwanya w'icyubahiro. Iyo aza kugera ku ntego ye, ubuhanga bwe no kurarikira kwe, kuba yarakundwaga cyane kandi atararangwaga no kubaha Imana, biba byarashyize mu kaga ingoma ya Dawidi ndetse n'amahoro no kugubwa neza by'ishyanga ryose. {AA 488.2}

“Bukeye Ishibosheti mwene Sawuli yumvise ko Abuneri yaguye i Heburoni aracogora, Abisirayeli bose bahagarika umutima.” Byagaragaraga ko ubwami bw’Abisiraheli butari gukomeza kubaho igihe kirekire. Bidatinze ikindi gikorwa cy’ubugambanyi gikuraho rwose ubwo butegetsi bwaremberaga. Abagaba b’ingabo babiri ba Ishibosheti bamuciye igihanga bihutira kugishyira umwami w’i Buyuda, biringiye ko bizatuma bamutonaho. {AA 488.3}

Bageze imbere ya Dawidi bafite igihamya cy’amahano bakoze, baravuga bati: “Ngiki igihanga cya Ishibosheti mwene Sawuli umwanzi wawe, wagenzaga ubugingo bwawe. Ubu Uwiteka ahoreye inzigo umwami databuja kuri Sawuli n’urubyaro rwe.” Ariko Dawidi wari warimye ingoma abihawe n’Imana ubwayo ndetse Imana ikaba yari yaramukijije abanzi be, ntiyari akeneye ubufasha bw’ubugambanyi kugira ngo akomeze ubutegetsi bwe. Yabwiye abo bicanyi ishyano ryagwiriye uwaje yirata ko yishe Sawuli. Yongeyeho ati: “None se nk’abantu babi biciye umukiranutsi mu nzu ye ku gisasiro, sinarushaho cyane kubahora amaraso ye, nkabakura mu isi? Maze Dawidi ategeka abasore be, barabica...Kandi igihanga cya Ishibosheti barakijyana, bagihamba mu gituro cya Abuneri i Heburoni.” {AA 488.4}

Ishibosheti amaze gupfa, mu bayobozi ba Isiraheli hari icyifuzo rusange yuko Dawidi aba umwami w’imiryango yose. “Bukeye imiryango ya Isirayeli yose isanga Dawidi i Heburoni, baravuga bati: ‘Dore turi amagufwa yawe n’umubiri wawe.’” Baravuze bati: “Ni wowe watabazaga Abisirayeli ukabatabarura. Kandi Uwiteka yakubwiye ati: ‘Ni wowe uzaragira ubwoko bwanjye bwa Isirayeli’, kandi ati: ‘Uzaba umugaba wabo.’” Nuko abakuru ba Isiraheli bose basanga umwami i Heburoni. Umwami Dawidi asezeranira na bo isezerano imbere y’Uwiteka i Heburoni.” Uko ni ko binyuze mu buntu bw’Imana, inzira yakinguriwe Dawidi ajya ku ngoma. Nta nyungu ze zihariye yashakaga kugeraho kuko atari yaraharaniye icyubahiro yari yarahawe. {AA 488.5}

Abantu basaga ibihumbi munani bakomoka kuri Aroni n’Ababalewi bayobotse Dawidi baramukorera. Impinduka mu bitekerezo by’abantu zaragaragaraga kandi bari bakomeje. Amatwara mashya agerwaho mu ituza no mu cyubahiro gikwiriye umurimo bakoraga. Abantu bageze ku gice cya miliyoni bahoze ari ingabo za Sawuli basesekaye i Heburoni n’ahayizengurutse. Mu misozi n’ibibaya hari huzuye imbaga y’abantu. Bemeje isaha yo kwimika Dawidi. Umugabo wari warirukanywe ku rurembo rwa Sawuli, wari warahungiye mu misozi miremire n’imigufi no mu buvumo kugira ngo akize ubugingo bwe, yari agiye gubabwa icyubahiro gikomeye cyane umuntu yahabwa na bagenzi be. Abatambyi n’abatware, bari bambaye imyenda iranga umurimo wabo wera, abasirikare bakuru n’aboroheje bari bafite amacumu arabagirana n’ingofero z’ibyuma, ndetse n’abantu bari baturutse kure cyane, bose bahagaze aho kugira ngo barebe uwo muhango wo kumika uwo mwami watoranyijwe. Dawidi yari yambaye ikanzu ya cyami. Umutambyi mukuru amusukaho ya mavuta yera mu ruhanga, kuko igihe Samweli

yamusukagaho amavuta, bwari ubuhanuzi bw'ibyajyaga kuzaba umwami yimikwa. Igihe kiragera, maze kubw'umuhango ukomeye, Dawidi yerezwa umurimo wo kuba umwungiriza w'Imana. Yahawe inkoni y'ubwami. Isezerano ry'uko azaba indahemuka mu buyobozi bwe rirandikwa, kandi abantu barahirira kuzamwumvira. Bamutamiriza ikamba mu ruhanga maze umuhango wo kwimika umwami uba urarangiye. Noneho Isiraheli iba igize umwami wimitswe n'Imana. Uwari wategereje Uwiteka yihanganye, yabonye isezerano ry'Imana risohora. "Dawidi akajya arushaho gukomera, kuko Uwiteka Imana Nyiringabo yari kumwe na we." 2 Samweli 5:10. {AA 489.1}

IGICE CYA 70 - INGOMA YA DAWIDI

Dawidi akimara kwimikwa ngo abe umwami w'Abisiraheli bose yahise atangira gushaka ahantu hakwiriye umurwa mukuru w'ubwami bwe. Hatoranyijwe ahantu hari ku birometero mirongo itatu uvuye i Heburoni kugira ngo hazabe umurwa mukuru w'ubwami. Hahoze hitwa i Salemu mbere y'uko Yosuwa ayobora Abisiraheli bakambuka Yorodani. Hafi y'aho hantu niho Aburahamu yari yaragaragarije ko ari indahemuka ku Mana. Mu myaka magana inani mbere y'uko Dawidi yimikwa, aho ni ho Melikisedeki, umutambyi w'Imana isumba byose, yari atuye. Hari hagati mu gihugu kandi hari ubutumburuke bitoroshye kuhatera kubera hari hakikijwe n'imisozi. Kubera ko hari ku rubibi rutandukanya Ababenyamini n'Abayuda, hari hafi y'Abefurayimu kandi kuhagera uturutse mu yindi miryango byari byoroshye. {AA 490.1}

Kugira ngo Abaheburayo babone aho hantu bagombaga kwirukana Abanyakanani basigaye bari bahafite igihome ku misozi ya Siyoni na Moriya. Icyo gihome cyitwaga Yebusi, kandi abari bagituyemo bitwaga Abayebusi. Mu binyejana byinshi byari bishize, abantu babonaga Yebusi ari igihome cy'intamenwa; ariko cyagoswe kandi cyigarurirwa n'Abaheburayo bayobowe na Yowabu waje kugororerwa kugirwa umugaba w'ingabo za Isiraheli bitewe n'ubutwari bwe. Yebusi iba umurwa mukuru w'igihugu cyose maze izina ryawo rya gipagani rihindurwa Yerusalemu. {AA 490.2}

Hiramu, umwami w'umujyi wari ukungahaye cyane wa Tiro wari ku Nyanja ya Mediterane, yaje gushaka ubucuti ku Mwami w'Abisiraheli maze aha Dawidi intwererano zo kubaka ingoro ya cyami i Yerusalemu. Intumwa zoherejwe ziturutse i Tiro, zijyanye n'abahanga mu by'ubwubatsi n'abafundi, n'amagare maremare akurura imbaho z'agaciro kenshi, ibiti by'amasederi n'ibindi bikoresho by'agaciro. {AA 490.3}

Kwiyongera kw'imbaraga za Isiraheli kubwo kunga ubumwe ikayoborwa na Dawidi,

kwigarurira igihome cya Yebusi ndetse no kwifatanya na Hiramu, umwami w'i Tiro, byabyukije ubugome bw'Abafilisitiya maze bongera gutera igihugu bazanye n'ingabo zikomeye, badendeza mu kibaya cy'Abarafa, hafi y'i Yerusalemu. Dawidi n'ingabo ze bajya mu gihome cy'i Siyoni kugira ngo bahategerereze amabwiriza Imana irabaha. "Maze Dawidi agisha Uwiteka inama ati: 'Nzamuke ntere Abafilisitiya? Urabatanga ubangabize?' Uwiteka asubiza Dawidi ati: 'Zamuka kuko ntari bubure kukugabiza Abafilisitiya." {AA 490.4}

Dawidi aherako arahaguruka ajya ku rugamba, arabanesha arabatsemba, maze abanyaga ibigirwamana bari bazanye ngo bitume banesha. Barakajwe n'uko bakozwe n'isoni kubera kuneshwa, Abafilisitiya barongeye bakoranya ingabo ziruseho kuba nyinshi, maze bagaruka kurwana. Na none barongera bagandagaza mu kibaya cy'Abarafa. Dawidi yarongeye asanga Uwiteka, maze Isumbabyose ijya imbere iyobora ingabo z'Abisiraheli. {AA 490.5}

Imana iha Dawidi aya mabwiriza ivuga iti: "Nturi buzamuke, abubwo ubace ikubo, ubarasukireho ahateganye n'ishyamba ry'imitugunguru. Nuko niwumva ikiriri cy'ingabo gihindira hejuru y'imitugunguru, uhereko uhutireho, kuko ubwo Uwiteka ari bube akugiye imbere, gutsinda ingabo z'Abafilisitiya." Iyo Dawidi aba nka Sawuli agakora ibyo yishakiye, ntiyajyaga kunesha. Ariko Dawidi yakoze uko Uwiteka yari yamutegetse, maze "batsinda ingabo z'Abafilisitiya uhereye i Gebeyoni ukageza i Gezeri. Maze inkuru ya Dawidi yamamara mu bihugu byose, Uwiteka atuma amahanga yose amutinya." 1 Ngoma 14:16,17.

{AA 490.6}

Noneho kubera ko Dawidi yari amaze gukomera ku ngoma kandi nta bitero by'abanzi bihari, yagarutse ku gusohoza umugambi yahozagaho umutima wo kuzana Isanduka y'Imana i Yerusalemu. Isanduku y'Imana yari imaze imyaka myinshi i Kiriyatiyeyarimu, ku birometero hafi cumin a bine uvuye i Yerusalemu; ariko byari bikwiriye yuko umurwa mukuru w'igihugu wubahishwa ikimenyetso cy'uko Imana ihari. {AA 491.1}

Dawidi ahamagaza abatware ibihumbi mirongo itatu bo mu Bisiraheli bose, kuko yifuzaga yuko uwo muhango ubamo ibyishimo byinshi n'imyiyereko ikomeye. Abantu bitabye ubwo butumire banezerewe. Umutambyi mukuru n'abavandimwe be bafatanya umurimo wera, ibikomangoma n'abatware b'imiryango bateranira i Kiriyatiyeyarimu. Dawidi ahimbarwa n'umurava wo gukora ibyera. Isanduku y'Imana ivanwa mu nzu ya Abinadabu ishyirwa ku igare rishya rikururwa n'ibimasa, ishorewe n'abahungu babiri ba Abinadabu. {AA 491.2}

Abisiraheli bakurikiraho bagenda batera hejuru baririmba indirimbo z'ibyishimo, amajwi menshi yungikanya n'amajwi y'ibikoresho bicurangwa; "Dawidi n'umuryango

wa Isirayeli wose biyerekera imbere y'Uwiteka, bacurangisha ibintu by'imiberoshi by'uburyo bwose n'inanga na nebelu n'amashako n'ibinyuguri n'ibyuma bivuga." Hari hashize igihe kirekire Abisiraheli babonye ibirori nk'ibyo by'intsinzi. Abantu bose bafite umunezero utavugwa, banyura mu misozi no mu bibaya bagana mu Murwa Wera. {AA 491.3}

Ariko "bageze mu mbuga ihurirwamo ya Nakoni, Uza arambura ukuboko kuramira isanduku y'Imana kuko inka zari zitsikiye. Maze uburakari bw'Uwiteka bukongerezwa Uza. Uwiteka amutsinda aho, amuhoye icyo cyaha cye, agwa aho ngaho iruhande rw'isanduku y'Imana." Iyo mbaga y'abantu yari mu byishimo igira ubwoba bwinshi. Dawidi akuka umutima cyane aratangara, maze yibaza mu mutima we iby'ubutabera bw'Imana. Yari yaraharaniye kubahisha Isanduku y'Isezerano nk'ikimenyetso cy'uko Imana iri aho hantu. None se kuki icyo gihano giteye ubwoba cyoherejwe kigahindura ibyishimo bikaba agahinda n'umuborogo? Dawidi atekereje yuko kuzana isanduku hafi ye byamuviramo ibyago, yiyemeje kuyireka ikaguma aho yari iri. Nuko bayibonera umwanya hafi aho mu nzu ya Obedi-edomu w'Umunyagati. {AA 491.4}

Urupfu rwa Uza rwari igihano cy'Imana cyatanzwe kubwo kwica itegeko ryayo ryari rizwi neza. Imana ikoresheje Mose yari yaratanze amabwiriza yihariye yerekeye gutwara Isanduku y'isezerano. Uretse abatambyi bakomokaga kuri Aroni, nta wundi muntu wagombaga gukora kuri iyo Sanduku y'Imana, cyangwa kuyirebamo ifunguye. Amabwiriza y'Imana yari aya ngo: "...Abakohati babone kuza kubiremerwa. Ariko ntibagakore ku byera badapfa." (Kubara 4:15). Abatambyi bagombaga gutwikira Isanduku y'isezerano, maze Abakohati bakayiteruza imijisho, yanyuzwaga mu bifunga byari ku mpande zose z'Isanduku y'Imana, kandi iyo mijishi ntiyakurwagamo. Abagerishomu n'Abamerari bari bashinzwe gutwara imyenda ikoze ihema ndetse n'imbaho zaryo n'inkingi, Mose yabahaye amagare n'ibimasa byo gutwara ibyo bari bashinzwe. "Ariko Abakohati ntiyagira icyo abaha kuko imirimo yo kuremerwa iby'Ahera yari iyabo, bakabiremerwa ku ntugu." Kubara 7:9. Bityo mu gukura Isanduku y'isezerano i Kiriyatiyeyarimu hari habayeho kutita ku mabwiriza y'Uwiteka kutajyaga kubabarirwa. {AA 491.5}

Dawidi n'abantu be bari bateraniye gukora umurimo wera, bityo bagombaga kuwinjiramo bafite imitima ibyishimiye kandi babikunze; ariko Uwiteka ntiyari kwemera uwo murimo kubera ko utakozwe bakurikije amabwiriza yatanze. Abafilisitiya batari bazi amategeko y'Imana, ubwo basubizaga iyo Sanduku muri Isiraheli, bari barayishyize ku igare maze Uwiteka yemera ibyo bakoze. Ariko Abisiraheli bo bari bafite mu ntoki zabo inyandiko yumvikana neza ivuga ubushake bw'Imana muri ibyo; bityo kutita kuri ayo mabwiriza kwari ugusuzugura Imana. Uza yagiweho n'icyaha gikomeye cyo kwigerezaho. Kwica amategeko y'Imana byateye Uza guha agaciro gake ukwera kwayo, nuko n'ibyaha yari agifite atarabyicujije, yigerezaho akora ku

kimenyetso cy’uko Imana iri aho hantu kandi azi itegeko neza ko bibuzanyijwe. Imana ntiyemera kuyumvira by’igice; nta buryo bwo gukerensa amategeko yayo. Kubw’iteka yaciriye Uza, Imana yashakaga gucengeza mu mitima y’Abisiraheli bose akamaro ko kumvira ibyo ibasaba badakebakeba. Kubwo gutera abantu kwihana, urupfu rw’uwo muntu umwe rwashoboraga gutuma abantu ibihumbi byinshi badacirwaho iteka. {AA 492.1}

Dawidi yiyumva yuko umutima we udatunganiye Imana muri byose, abonye urupfu Uza apfuye, atinya Isanduku y’Imana agira ngo hatagira icyaha cye gituma acirwaho iteka. Ariko Obed-edomu, nubwo yishimye ariko ahinda umushyitsi, yakiye icyo kimenyetso cyera nk’igihamya cy’uko Imana igirira neza abayubaha. Noneho Abisiraheli bose bahanga amaso kuri Obed-edomu n’abo mu rugo rwe bose; abantu bose bategereza kureba uko bazayigenza. “Kandi Uwiteka aha umugisha Obed-edomu n’abo mu rugo rwe bose.” {AA 492.2}

Gucyaha kw’Imana kwakoze umurimo wako kuri Dawidi. Ibyo byatumye Dawidi abona kandi asobanukirwa kwera kw’amategeko y’Imana mu buryo atigeze amenya ndetse n’uko ari ngombwa kuyakurikiza nta gukebakeba. Ibyiza byagiriwe inzu ya Obed-edomu byateye Dawidi kongera kwizera ko Isanduku ishobora kumuhesha umugisha we n’abantu be. {AA 492.3}

Hashize amezi atatu, Dawidi yiyemeje kongera kugerageza kwimura iyo Sanduku y’isezerano, ariko noneho yita ku mabwiriza y’Uwiteka akomeje. Yongeye guhamagaza abatware bo mu ishyanga n’abantu benshi baraterana bakikiza urugo rwa Obed-edomu. N’ubwitonzi bwinshi, iyo sanduku ihekeshwa abantu batoranyijwe n’Imana, maze iyo mbaga y’abantu itonda imirongo, bityo abantu bongera guherekeza iyo sanduku bahinda umushitsi mu mutima. Bamaze kugenda intambwe esheshatu havugijwe impanda ngo abantu bahagarare. Dawidi ategeka abantu gutamba ibitambo, batamba impfizi n’ikimasa cy’umushishe. Ubwo noneho kwishima gusimbura guhinda umushitsi n’ubwoba. Umwami yari yiyambuye imyambaro ya cyami maze yiyereka yambaye efodi isanzwe yambarwa n’abatambyi. Kubw’icyo yari akoze, ntabwo byari bivuze ko akoze imirimo y’abatambyi, kuko usibye abatambyi, rimwe na rimwe efodi yajyaga yambarwa n’abandi bantu. Ariko muri uwo muhango wera, yagombaga kwicisha bugufi akajya ku rugero rumwe n’abantu be imbere y’Imana. Kuri uwo munsi Uwiteka ni we wagombaga kuramywa. Uwiteka ni we wenyine wagombaga kubahwa. {AA 492.4}

Na none abantu bakomeza urugendo, amajwi y’inanga, n’ihembe, n’amakondera n’ibyuma birangira azamuka agana mu ijuru yungikanya n’indirimbo z’amajwi menshi. “Maze Dawidi yiyerekera imbere y’Uwiteka,” yishimye akurikiza injyana y’indirimbo. {AA 493.1}

Kubyina kwa Dawidi anejejwe no kubaha Imana kwatanzweho urwitwazo n’abakunda kwinezeza bashaka gushyigikira imbyino zo muri iki gihe, ariko ibitekerezo nk’ibyo nta shingiro bifite. Muri iki gihe cyacu kubyina bijyana n’ibitekerezo bibi no kwishimisha mu nkera. Ubuzima n’imico myiza biguranwa kwinezeza. Muri ibyo Imana si yo baba bashyize imbere mu bitekerezo haba no kuyubaha; gusenga cyangwa indirimbo zo gusingiza Imana ntibirangwa aho baba bateraniye. Iki gipimo gikwiriye kudashidikanywaho. Abakristo ntibakwiriye gushaka ibinezeza bicogoza urukundo dukunda ibyera kandi bikagabanya uko twishimira umurimo w’Imana. Umuzika no kubyina byabayeho abantu banejejwe no gusingiza Imana igihe bahekaga Isanduku y’Imana, ntaho wari uhuriye na hato n’umuzika w’imbyino zo muri iki gihe. Umuzika w’igihe cya Dawidi wari ugamije kwibutsa abantu Imana kandi wererezaga izina ryayo ryera. Umuzika w’iki gihe wo ni igikoresho cya Satani kugira ngo atere abantu kwibagirwa Imana no kuyisuzugura. {AA 493.2}

Abo bantu biyerekaga bishimye bageze hafi y’umurwa mukuru, bakurikiye ikimenyetso kiranga Umwami wabo utaraboneshwaga amaso. Amajwi y’indirimbo yatumye abarinzi b’inkike basaba ko amarembo y’Umurwa Wera akingurwa: {AA 493.3}

“Mwa marembo mwe nimwunamuke,

Mwa marembo y’iteka mwe, nimweguke, {AA 493.4}

Kugira ngo Umwami w’icyubahiro abyukuruke.” {AA 493.5}

Umutwe w’abaririmbyi n’abacuranzi urasubiza uti: {AA 493.6}

“Uwo Mwami w’icyubahiro ni nde?” {AA 493.7}

Undi mutwe urasubiza uti: {AA 493.8}

“Ni Uwiteka, ufite imbaraga n’amaboko,

Ni Uwiteka ufite amaboko yo kurwana.” {AA 493.9}

Nuko amagana n’amagana y’amajwi akikiriza arangurura ati: {AA 493.10}

“Mwa marembo mwe, nimwunamuke,

Mwa marembo y’iteka mwe, nimweguke,

Kugira ago Umwami w’icyubahiro abyukuruke.” {AA 493.11}

Na none hongeye kumvikana ijwi ry’ibyishimo ribaza riti: “Uwo Mwami w’icyubahiro ni nde?” Maze amajwi y’iyo mbaga y’abantu asubiriza icyarimwe avuga nk “amazi menshi asuma,” bavuga bati: {AA 493.12}

“Uwiteka nyir’ingabo ni we Mwami w’icyubahiro.” Zaburi 24:7-10 {AA 493.13}

Nuko amarembo arugururwa, iyo mbaga y’abantu irinjira maze n’icyubahiro cyinshi iyo Sanduku ishyirwa mu ihema ryari ryateguriwe kuyakira. Mbere y’uko basoza uwo muhango wera, bubatse ibicaniro maze umwotsi w’ibitambo by’uko bari amahoro n’ibitambo bikongorwa n’umuriro, umwotsi w’imibavu n’indirimbo zo gusingiza no kwinginga by’Abisiraheli bizamukira icyarimwe byerekeza mu ijuru. Uwo muhango urangiye, umwami ubwe ahesha abantu umugisha. Maze ategeka ko abantu bagaburirwa bagahabwa n’icyo banywa. {AA 493.14}

Imiryango yose yari ifite abayihagarariye muri uwo muhango, ari wo munsi mukuru w’umuhango wera uruta iyindi yose Dawidi yari amaze gukora uhereye aho yari yarimikiwe. Mwuka wo guhishurirwa kuva ku Mana wari ku mwami, none ubwo imirasire y’izuba rirenga yamurikaga ku buturo bwera mu mucyo mwinshi uturutse ku Mana, umutima w’umwami wakangukiye gushimira Imana yuko ikimenyetso cyiza cy’uko iri kumwe na bo noneho cyari kiri hafi cyane y’intebe y’ubwami bwa Isiraheli. {AA 494.1}

Dawidi ariyumvira, arahindukira asubira iwe gusabira ab’iwe umugisha. Ariko hari umuntu wabonye uko kwishima kose afite umwuka uhabanye cyane n’uwakoresheje umutima wa Dawidi. “Bacyinjiza isanduku y’Uwiteka mu rurembo rwa Dawidi, Mikali mwene [umukobwa] Sawuli arungurukira mu idirishya, abona umwami Dawidi ataraka ahamiririza imbere y’Uwiteka, amugayira mu mutima.” Muri uko gutwarwa n’uburakari, Mikali ntiyashoboraga gutegereza ko Dawidi agaruka mu ngoro ya cyami, ahubwo yarasohotse ajya kumusanganira, maze amubwira amagambo menshi mabi kandi yo kumukomeretsa ku mutima ati: {AA 494.2}

“Ariko uyu munsi ko umwami wa Isirayeli yari umupfasoni: ubonye ngo yibeyurire imbere y’abaja b’abagaragu be, nk’umuntu utagira umumaro, iyo yibeyura adafite isoni!” {AA 494.3}

Dawidi yumvise yuko Mikali yagaye kandi yasuzuguye umurimo w’Imana, maze amusubizanya uburakari ati: “Nabikoreye imbere y’Uwiteka wantoranyije, akandutisha so n’urubyaro rwe rwose, akangira umutware w’ubwoko bw’Uwiteka, ari bwo Isirayeli. Ni cyo gituma nzajya niyereka imbere y’Uwiteka. Kandi ku bwanjye nzarushaho kwigira insuzugurwa no kwicisha bugufi, ariko abo baja uvuze bazanyubaha.” Dawidi amaze kumucyaha n’Imana yaramucyashye ku bw’ubwirasi n’agasuzuro bye, Mikali “aba ingumba, arinda apfa.” {AA 494.4}

Imihango ikomeye yabayeho mu kugaruka kw’isanduku y’Uwiteka yateje impinduka z’igihe kirekire mu mitima y’Abisiraheli, ituma barushaho gushishikarira umurimo wakorerwaga mu buturo bwera kandi bongera kugira umurava wo kugandukira

Uwiteka. Dawidi yakoze uko ashoboye kose kugira ngo bakomeze batyo. Kuririmba byagizwe umugabane uhoraho muri gahunda yo kuramya Imana, kandi Dawidi ahimba zaburi, atari izo kuririmbwa n'abatambyi gusa mu murimo wo mu buturo bwera, ahubwo zagombaga no kuririmbwa na rubanda igihe babaga bari mu nzira berekeje ku gicaniro cy'ishyanga ryose mu minsi mikuru uko umwaka utashye. Impinduka byateje yari ikomeye cyane, maze bituma iryo shyanga rikizwa gusenga ibigirwamana. Benshi mu mahanga yari akikije Abisiraheli bitegereje kugubwa neza kwabo, maze bituma bashima Imana ya Isiraheli yakoreye ubwoko bwayo ibikomeye nk'ibyo.

{AA 494.5}

Uretse Isanduku y'Isezerano, ihema ry'ibonaniro ryubatswe na Mose ndetse n'ibindi bikoresho byose byajyaniranaga n'umurimo wo mu buturo bwera, byari bikiri i Gibeya. Dawidi yari afite umugambi wo guhindura Yerusalemu ihuriro ry'iby'iyobokamana ku ishyanga ryose. Dawidi yari yariyubakiye ingoro, maze hanyuma abona yuko bidakwiriye yuko isanduku y'Imana iba mu ihema. Yiyemeje kuyubakira urusengero rwiza cyane, rwajyaga kugaragaza kunyurwa kw'Abisiraheli, banyuzwe n'icyubahiro cyahawe ishyanga ryabo binyuze mu kuba Uwiteka Umwami wabo abana na bo. Dawidi abwiye umuhanuzi Natani umugambi we, yamusubije amutera ubutwari ati: "Genda ukore uko umutima wawe ukubwira kose, kuko Uwiteka ari kumwe na we." {AA 494.6}

Ariko iryo joro ijambo ry'Uwiteka riza kuri Natani, rimubwira ubutumwa akwiriye gushyira umwami. Dawidi yagombaga kutemererwa kubaka inzu y'Imana, ariko yahawe ibyiringiro by'uko Imana izamugirira neza, we n'urubyaro rwe ndetse n'ingoma ya Isiraheli ati: "Uko ni ko Uwiteka Nyiringabo avuze ati: 'Nagukuye mu rugo rw'Intama mu bwungeri bwazo, ngo ube umwami w'ubwoko bwanjye bwa Isirayeli. Kandi nabanaga nawe aho wajyaga hose, nkarimburira abanzi bawe imbere yawe, kandi nzaguha izina rikomeye nk'amazina y'abakomeye bo mu isi. Kandi nzatoranyiriza ubwoko bwanjye bwa Isirayeli ahantu, mpabashinge bahature, habe ahabo bwite batazimuka ukundi. Kandi abanyabyaha ntibazongera kubaburabuza nk'ubwa mbere.'" {AA 495.1}

Kubera ko Dawidi yari yarifuje kubakira Uwiteka inzu, yahawe iri sezerano ngo: "Arakubwiye ngo azakuremamo umuryango... nzimika umwana wawe wibyariye akuzungure... Nuko uwo ni we uzubakira izina ryanjye inzu, kandi nzakomeza intebe y'ubwami bwe iteka ryose." {AA 495.2}

Impamvu Dawidi atari akwiriye kubaka urusengero yavuzwe muri aya magambo ngo: "Wavushije amaraso menshi, urwana intambara zikomeye. Ntuzubakira izina ryanye inzu,... Umva uzabyara umwana, azaba umunyamahoro. Kandi nzamuha ihumure ku babisha be bose bamuri impande zose, kuko izina azitwa ari Salomo (umunyamahoro),

kandi nzaha Abisirayeli amahoro n’ihumure ku ngoma ye. Uwo ni we uzubakira izina ryanjye inzu.” 1 Ngoma 22:8-10. {AA 495.3}

Nubwo Imana yanze umugambi Dawidi yari yishimiye cyane mu mutima we, Dawidi yakiriye ubwo butumwa abyishimiye. Yaravuze ati: “Nkanjye ndi nde Nyagasani Mana, kandi inzu yanjye ni iki, nkanjye ko undinda ukarinda ugeza aha? Ariko ibyo kuri wowe ntibikomeye, Nyagasani Mana. None uvuze ko no ku by’inzu y’umugaragu wawe uko bizamera igihe kirekire kigiye kuza, na byo bibaye nk’itegeko mu bantu, Nyagasani Mana.” Ibyo birangiye Dawidi avugurura isezerano yagiranye n’Imana. {AA 495.4}

Dawidi yari azi yuko iyo akora ibyo yari yagambiriye mu mutima we byajyaga guhesha izina rye icyubahiro ndetse bigahesha n’ubuyobozi bwe ikuzo, ariko yari yiteguye kwegurira ubushake bwe mu bushake bw’Imana. No mu Bakristo, uko kureka igitekerezo cye kwa Dawidi kandi yishimye biboneka gake cyane. Ni kangahe abamaze kwegereza imyaka y’iza bukuru bizirika ku cyizere cyo gusohoza umurimo ukomeye imitima yabo irangamiye, nyamara badafite ububasha bwo kuwukora! Nk’uko umuhanuzi w’Imana yabwiye Dawidi, Imana ibasha kubavugisha, ikababwira ko umurimo bifuza cyane gukora atari bo bawuhawe. Ibyabo ni ugutegurira undi muntu inzira kugira ngo abe ari we uzawusohoza. Ariko abantu benshi aho kwemera amabwiriza y’Imana babyishimiye, bacika intege bagasubira inyuma nk’aho basuzuguwe cyangwa banzwe. Bibwira ko nta kindi bazakora niba badashobora gukora icyo kintu kimwe bifuzaga gukora. Abantu benshi bakora iyo bwabaga bakihambira ku nshingano batagishoboye gusohoza, maze bakiyuha akuya k’ubusa kugira ngo basohoze umurimo badashoboye mu gihe birengagiza ibyo bari bakwiriye gukora. Kandi ku bwo ibyo, umurimo w’ingenzi kuruta uwo, uba ukomwe mu nkokora. {AA 495.5}

Mu masezerano Dawidi yagiranye na Yonatani, yari yarasezeranye yuko igihe azaba atagihigwa n’abanzi be azagirira neza inzu ya Sawuli. Ubwo Dawidi yari aguwe neza, yazirikanye rya sezerano maze arabaza ati: “Mbese hari uwasigaye wo mu muryango wa Sawuli, ngo mugirire neza kubwa Yonatani?” Bamubwiye umuhungu wa Yonatawi witwaga Mefibosheti, wari wararemaye akiri umwana. Igihe Sawuli yatsindwaga n’Abafilisitiya, uwareraga uwo mwana yagerageje kumuhungana maze arajishuka agwa hasi maze bimutera ubumuga mu buzima bwe bwose. Dawidi yahereyeko atumira uwo musore ngo aze ibwami, maze amwakirana urugwiro rwinshi. Ibyari umutungo wihariye wa Sawuli byose arabimuha kugira ngo bifashe ab’inzu ye; ariko umuhungu wa Yonatani ubwe ategekwa guhora asangira n’umwami. Binyuze mu makuru yazanwaga n’abanzi ba Dawidi, Mefibosheti yari yaranze Dawidi amuhora yuko yafashe ubutegetsi ku ngufu; ariko uburyo umwami yamwakiranye ineza ndetse agakomeza kujya amugirira neza byatumye umutima w’uwo musore umugarukira, kandi nk’uko byagenze kuri se Yonatani, na we yabonye yuko inyungu ze zidakwiye

gutandukana n’iz’umwami Imana yari yarahisemo. {AA 496.1}

Dawidi amaze gukomera ku ntebe y’ubwami bw’Abisiraheli, igihugu cyagize ihumure igihe kirekire. Amahanga yari abakikije abonye imbaraga n’ubumwe biranga ubwami bwa Dawidi, yahise atekereza ko ibyiza ari uguhagarika gushotora iryo shanga, kandi na Dawidi wari uhugiye mu gushyira kuri gahunda no kubaka ubwami arekera aho gushoza intambara. Ariko amaherezo, Dawidi arwanya abanzi ba kera b’Abisiraheli, Abafilisitiya n’Abamowabu maze arabatsinda bose bategekwa n’Abisiraheli. {AA 496.2}

Nuko umubare munini cyane w’ibihugu bibakikije wifatanyiriza kurwanya ubwami bwa Dawidi, ariho haturutse intambara zikomeye cyane ndetse haboneka no kunesha gukomeye ku ngoma ye, kandi ari naho ubutegetsi bwe bwagutse cyane. Nta mpamvu n’imwe yamuturutseho yatumye habaho uko kwishyira hamwe gutewe no kugirira ishyari kwiyongera k’ubutware bwe. Ibyateye uko kumugirira ishyari byari ibi: {AA 496.3}

Amakuru agera i Yerusalemu avuga iby’urupfu rwa Nahashi, umwami w’Abamoni wari waragiriye Dawidi neza igihe yahungaga Sawuli. Nuko Dawidi ashaka kwerekana uko yishimoye ineza yagiriwe ubwo yari mu kaga maze yohorereza intumwa Hanuna, umuhungu w’uwo mwami w’Abamoni, aziha n’ubutumwa bwo kwifatanya na we mu kababaro. Dawidi abyumvise aravuga ati: “Nzagirira neza Hanuni mwene Nahashi, nk’uko se yangiriye neza.” {AA 496.4}

Ariko igikorwa cye cy’ubucuti cyaje gusobanurwa nabi. Abamoni bangaga Imana nyakuri kandi bari abanzi gica b’Abisiraheli. Ineza Nahashi yagiriye Dawidi yari yaratewe n’ubugome yari afitiye Sawuli wari umwami w’Abisiraheli. Ubutumwa Dawidi yari yohereje bwagoretswe n’abajyanama b’umwami Hanunu. Babwira “umwami wabo Hanuni bati: ‘Mbese ye, ugira ngo Dawidi yubashye so byatuma akoherereza abo kukumara umubabaro? Ntuzi ko Dawidi yakoherereje abagaragu be kwitegereza umudugudu no kuwutata, ngo azabone uburyo bwo kuzawurimbura.’” Mu myaka mirongo itanu yari ishize inama z’abajyanama ba Nahashi ni zo zari zaramuteye gusaba abaturage b’i Yabeshigareyadi ibintu bikomeye kandi bibabaje, ubwo bari bagoswe n’Abamori maze bagasezerana nabo isezerano ry’amahoro. Nahashi yari yarasabye abo baturage kwemera kunogorwa ijisho ry’iburyo. Abamoni bari bacyibuka uko umwami w’Abisiraheli yaburijemo umugambi wabo mubisha, maze agatabara akarokora abo Abamoni bashakaga gucisha bugufi kandi bakabanogora amaso. Urwo rwango rwa kera bangaga Abisiraheli ni rwo rwongeye kubakoresha. Ntabwo bashoboraga kwiyumvisha umutima w’ineza wari wateye Dawidi kohereza ubwo butumwa. Satani nayobora intekerezo z’abantu, azabateza igomwa n’urwikekwe bizatuma imigambi myiza cyane yumvikana nabi. Hanuni yumvise ibyo abajyanama be bamubwiye, yafashe intumwa Dawidi yohereje nk’abatasi maze arabandagaza kandi arabatuka. {AA 496.5}

Abamoni bari baremerewe gushyira mu bikorwa imigambi mibi yo mu mitima yabo nta nkomyi kugira ngo Dawidi amenye imico yabo nyakuri. Imana ntiyashakaga yuko Abisiraheli bagirana isezerano ry'ubufatanye n'iryo shyanga ry'abapagani. {AA 497.1}

Mu bihe bya kera, kimwe no muri iki gihe, umurimo w'intumwa ihararariye igihugu warubahwaga cyane. Kubera itegeko rusange amahanga ayabaga yaremeranyijeho, byatumaga hatabaho kugirirwa nabi cyangwa gutukwa kw'intumwa ihagarariye igihugu. Kubera ko intumwa yabaga ihagarariye umwami, ikibi cyose yagirirwaga cyagombaga guhita cyiturwa ikindi. Kuko Abamoni bari bazi ko igitutsi batutse Abisiraheli kigomba guhita cyiturwa nta kabuza, batangiye kwitegura intambara. "Abamoni babonye ko bazinuye Dawidi, Hanuni n'Abamoni bohereza italanto z'ifeza igihumbi kugirira amagare n'abagendera ku mafarashi by'i Mesopotamiya n'ibyo muri Aramumaka n'iby'i Soba. Nuko bigirira amagare inzovu eshatu n'ibihumbi bibiri . . .Abamoni bava mu midugudu yabo baraterana bajya kurwana." 1Ngoma 19:6,7. {AA 497.2}

Kwari ukwishira hamwe nyako. Abari batuye mu karere kari hagati y'uruzi rwa Efurati n'Inyanja ya Mediterane bashyira hamwe n'Abamoni. Amajyaruguru n'uburasirazuba bya Kanani byari bigoswe n'ingabo z'abanzi bafatanyirije hamwe kurimbura ubwami bw'Abisiraheli. {AA 497.3}

Abaheburayo ntibategereje yuko igihugu cyabo giterwa. Ingabo z'Abisiraheli ziyobowe na Yowabu, zambutse Yorodani maze zisatira umurwa mukuru w'Abamoni. Ubwo uwo mugaba w'ingabo z'Abaheburayo yari ayoboye ingabo ze ku rugamba, yabateraga ubutwari muri urwo rugamba avuga ati: "Komera turwane kigabo ku bw'ubwoko bwacu n'imidugudu y'Imana yacu, kandi Uwiteka abigenze uko ashaka." (1Ngoma 19:13). Izo ngabo z'abanzi zari zishyize hamwe zahise zineshwa urugamba rucyambikana. Ariko ntizashakaga kureka urwo rugamba maze umwaka wakurikiyeho bongera gushoza intambara. Umwami wa Ashuri yateranyije ingabo ze, maze atera Isiraheli yitwaje ingabo nyinshi cyane. Dawidi ubwe arihagurukira, maze ku bw'imigisha y'Imana, abanesha umuhashya bituma Abanyasiriya, guhera i Lebanoni kugeza ku ruzi rwa Efurati, batarekera aho kurwana gusa, ahubwo bayoboka umwami w'Abisiraheli abagira ibiretwa. Dawidi yarwanyije Abamoni yivuye inyuma kugeza ubwo ibihome byabo byasenyukiye ndetse n'ako karere kose kigarurirwa n'Abisiraheli. {AA 497.4}

Kubw'ubuntu bw'Imana, ibyago byari byugarije igihugu bisa n'aho kigiye kurimbuka burundu byaje kuba ari byo biba inzira icyo gicamo kigera ku gukomera kutieze kubaho. Ubwo Dawidi yizihizaga uko kurokorwa kwe gukomeye yararirimbye ati: {AA 497.5}

"Uwiteka ahoraho,

Igitare cyanjye gihimbazwe,

Imana yagakiza kanjye ishyirwe hejuru.

Ni yo Mana imporera, Ikangomorera amahanga nkayatwara.

Inkiza ababisha banjye,

Ni koko unshira hejuru y'abampagurukira,

Unkiza umunyarugomo.

Ni cyo gituma Uwiteka nzagushima mu mahanga,

Ndirimba ishimwe ry'izina ryawe.

Aha umwami yimitse agakiza gakomeye,

Agirira imbabazi uwo yasize,

Ni Dawidi n'urubyaro rwe iteka ryose." {AA 498.1}

Zaburi 18:46-48

{AA 498}

Kandi mu ndirimbo zose Dawidi yaririmbye, yabwiraga ab'ubwoko bwe ko Uwiteka ari we mbaraga zabo n'umucunguzi wabo: {AA 498.2}

"Nta mwami ukizwa n'uko ingabo ze ari nyinshi,

Intwari ntikizwa n'imbaraga zayo nyinshi.

Ifarashi nta mumaro igira wo gukiza,

Ntizakirisha umuntu imbaraga zayo nyinshi." {AA 498.3}

Zaburi 33:16,17.

{AA 498}

"Mana, ni wowe Mwami wanjye,

Tegekera Abayakobo agakiza.

Ni wowe uzaduha gutsinda ababisha bacu,

Izina ryawe niryo rizaduha kuribata abaduhagurkiye.

Kuko ntaziringira umuheto wanjye,

Kandi inkota yanjye atari yo izankiza,

Ahubwo ni wowe wadukijije ababisha bacu,

Wakojeje isoni abatwanga.” Zaburi 44:4-7.

{AA 498.4}

“Bamwe biringira amagare,

Abandi biringira amafarashi,

Ariko twebweho tuzavuga izina ry’Uwiteka, Imana yacu.” {AA 498.5}

Zaburi 20:7 {AA 498.6}

Ubwami bw’Abisiraheli noneho bwageze ku isohora ry’isezerano ryahawe Aburahamu, kandi na nyuma yahoo rigagasubirirwamo Mose ngo: “Urubyaro rwawe nduhaye iki gihugu, uhereye ku ruzi rwa Egiputa, ukageza ku ruzi runini ari rwo Ufurate.” (Itangiriro 15:18). Isiraheli yari ihindutse ishyanga rikomeye ryubahwa kandi rigatinywa n’amoko yari arikikije. Mu bwami bwe bwite, ubutware bwa Dawidi bwarakomeye cyane. Ugereranyije n’abandi bami, nta wakunzwe kandi ngo ayobokwe n’abantu be nka Dawidi. Yari yarubashye Imana, bityo Imana na yo yari imuhaye icyubahiro. {AA 498.7}

Ariko igihe hari ukugubwa neza, ni ho akaga kaje mu buryo butagaragara. Igihe mu bigaragara Dawidi yari yarageze ku ntsinzi ikomeye, ni ho yari mu kaga gakomeye cyane kandi agira gutsindwa gukomeye cyane kwamutesheje agaciro. {AA 498.8}

IGICE CYA 71 - ICYAHA CYA DAWIDI NO KWIHANA KWE

Bibiliya ntivuga byinshi yogeza abantu. Muri yo ni hake havugwa iby'ingeso nziza n'iyo zaba ari iz'abantu b'imico myiza kuruta abandi bigeze babaho. Kuba ibyo bitaravuzwe bifite impamvu; kandi bifite icyo byigisha. Imico myiza yose abantu bagira ni impano y'Imana; ibikorwa byabo byiza babikesha ubuntu bw'Imana kubwa Kristo. Kubera ko byose babikesha Imana, ikuzo ry'icyo bari cyo cyose n'icyo bakora ni iry'Imana yonyine. Bo ni ibikoresho biri mu biganza by'Imana. Ikirenze ibi, nk'uko ibyigisho byose by'amateka ya Bibiliya byigisha, gusingiza no kogeza abantu ni akaga gakomeye, kuko iyo umuntu ageze aho atakibona ko yishingikirije ku Mana maze akiringira imbaraga ze, nta kabuza aragwa. Umuntu arwana n'abanzi bamurusha ubushobozi. "Kuko tudakirana n'abafite amaraso n'umubiri, ahubwo dukirana n'abatware n'abafite ubushobozi n'abategeka iyi si y'umwijima, n'imyuka mibi y'ahantu ho mu ijuru." (Abefeso 6:12). Mu mbaraga zacu bwite kurwana iyo ntambara ntibyadushobokera; kandi ikintu icyo ari cyo cyose giteshura intekerezo z'umuntu ku Mana, ikintu cyose gitera umuntu kwikuza no kumva yihagije, kiba kidutegurira inzira yo kugwa burundu. Bibiliya yigisha kutiringira ubushobozi bw'umuntu maze igakangurira abantu kwiringira imbaraga y'Imana. {AA 499.1}

Umutima wo kwiyemera no kwishyira hejuru ni wo waharuriye inzira kugwa kwa Dawidi. Kogezwa no gutwarwa kubera ubutegetsi ndetse no kwinezeza ntibyabuze kumugiraho ingaruka. Kugirana umushyikirano n'amahanga yari abakikije nabyo byongeye imbaraga y'ikibi. Nk'uko imico yari iganje mu bategetsi bo mu Burasirazuba yari iri, ibyaha rubanda rutababarirwaga iyo byakorwa n'umwami, we ntiyahanwaga. Umwami ntiyagombaga kwirinda ikibi nka rubanda rusanzwe. Ibyo byose byatumye Dawidi atumva neza ububi bukabije bw'icyaha nk'uko bikwiriye. Kandi aho kugira ngo yicishe bugufi yishingikirize ku mbaraga z'Uwiteka, yatangiye kwiringira ubwenge bwe n'ubushobozi bwe bwite. Igihe cyose Satani azashoboye gutandukanya umuntu n'Imana yo Soko rukumbi y'imbaraga, azabyutsa ibyifuzo bibi bya kamere y'umubiri. Ntabwo umurimo w'umwanzi uhutiraho; ntabwo mu bigaragara utangira mu buryo buteye ubwoba. Ahubwo uza mu ibanga ushegesha ibihome by'amahame umuntu agenderaho. Utangirira mu tuntu tugaragara yuko ari duto — nko kwirengagiza kuba indahemuka ku Mana ndetse no kuyishingikirizaho burundu, gushaka gukurikiza imico n'imigenzo by'ab'isi. {AA 499.2}

Mbere y'uko intambara barwanaga n'Abamoni irangira, Dawidi yasize ingabo ziyobowe na Yowabu maze yisubirira i Yerusalemu. Abasiriya bari baramaze kuyoboka Abisiraheli, kandi byagaragaraga yuko Abamoni nabo bagiye kuneshwa burundu. Dawidi yari akikijwe n'ibyavuye ku kunesha kwe ndetse n'icyubahiro giturutse ku

butegetsi bwe bwiza kandi bukomeye. Icyo gihe, ubwo ubwo yari aguwe neza kandi umutekano awifitiye, ni ho umushukanyi yabonye urwaho rwo kwinjira mu ntekerezo ze. Kuba Imana yari yarafashe Dawidi ikamwiyegereza muri ubwo buryo kandi ikaba yari yaramugaragarije ineza yayo mu buryo bukomeye, byagombaga kumubera ibintu bimutera gushishikara cyane akarinda imico ye kwanduzwa. Ariko igihe yari aguwe neza afite umutekano, ni ho yaretse kwishingikiriza ku Mana, Dawidi yugururira Satani maze amushyiraho ikizinga cy'icyaha. Dawidi, umuyobozi w'igihugu wari warimitswe n'Imana, wari waratoranyijwe n'Imana kugira ngo yubahirize amategeko yayo, we ubwe wakandagiye amabwiriza yayo. Uwagombaga gutera ubwoba inkozi z'ibibi, ni we wazishyigikiye ku bwo igikorwa cye kibi. {AA 499.3}

Mu ngorane yanyuzemo mu mibereho ye ya mbere, Dawidi mu butungane bwamurangaga yashoboraga kuragiza Imana ibye. Ukuboko k'Uwiteka kwari kwaramuyoboye kumucisha mu mitego itabarika yajyaga ategwa. Ariko ubu noneho, ubwo yari yakoze icyaha kandi ataracyihana, ntabwo yasabyeljuru ngo rimufashe kandi ngo rimuyobore, ahubwo yashatse uko yakwikura mu ngorane yari yashyizwemo n'icyaha. Betisheba wari ufite uburanga bwabereye umwami umutego, yari umugore wa Uriya w'Umuhiti, umwe mu bagaba b'ingabo ba Dawidi b'intwari kandi b'indahemuka. Nta muntu washoboraga kubona ingaruka zari gukurikiraho iyo icyo cyaha kimenyekana. Amategeko y'Imana yavugaga ko uwasambanye ahabwa igihano cy'urupfu, ubwo rero Uriya, umusirikare w'amarere, wakorewe nabi atyo, yajyaga kwihorera akica umwami cyangwa agatera igihugu kumugomera. {AA 500.1}

Ibyo Dawidi yakoze byose kugira ngo ahishe icyaha cye byabaye impfabusa. Yari yarishyize mu maboko ya Satani; akaga kari kamugose, kandi yari agiye guta agaciro nabi cyane birenze gupfa. Hari uburyo bumwe rukumbi bwo kubihonoka, maze mu bwihebe bwe yihutira kugereka kwica ku gusambana. Uwari warateguye kurimbuka kwa Sawuli ni nawe washakaga kurimbura Dawidi. Nubwo ibigeragezo byari bitandukanye, byari bihuriye ku kubayobora ku kwica amategeko y'Imana. Dawidi yatekereje ko Uriya naramuka yishwe n'abanzi babo ku rugamba, bitazamenyekana yuko umwami ari we wamwicishije. Bityo Betisheba yari kuba nta nkomyi afite yo kuba umugore we, nta rwikekwe rwajyaga kubaho, kandi icyubahiro cy'umwami kikagumaho. {AA 500.2}

Uriya yagizwe intumwa yo gutwara urwandiko rwo kumwicisha. Urwandiko yakuye ku mwami arushyiriye Yowabu rwarategekaga ruti: "Mushyire Uriya imbere aho urugamba rukomeye cyane, maze mumuhane, bamutere apfe." Yowabu wari warandujwe n'icyaha cyo kwica, ntiyatindiganyije kumvira amabwiriza y'umwami maze Uriya yicwa n'inkota y'Abamoni. {AA 500.3}

Kugeza ubwo, ku byari byararanze Dawidi nk'umwami nta wundi mwami wabayeho

washoboraga kugereranywa nawe. Byanditswe kuri we ko yaciriye abantu bose imanza zitabera. (2Samweli 8:15). Ubupfura bwe bwari bwaratumye amahanga amugirira icyizere kandi aramuyoboka aramwumvira. Ariko ubwo yari avuye ku Mana akiyegurira umubi, icyo gihe yahindutse umukozi wa Satani ; nyamara yari agifite ubutware Imana yari yaramuhaye, kandi ku bw'ibyo, abantu bagombaga kumwubaha kandi abamwubahaga bishyira mu kaga. Na Yowabu wumviraga umwami aho kumvira Imana, yishe itegeko ry'Imana kuko umwami yabitegetse. {AA 500.4}

Imbaraga za Dawidi yari yarazihawe n'Imana ariko azihabwa kugira ngo azikoreshe gusa mu bihuje n'amategeko y'Imana. Igihe yategekaga ibihabanye n'amategeko y'Imana, kubyumvira byahindutse icyaha. "Abatware bariho bashyizweho n'Imana. (Abaroma 13:1), ariko ntidukwiriye kubumvira binyuranyije n'amategeko y'Imana. Ubwo intumwa Pawulo yandikiraga Abanyakorinti, yagaragaje ihame rikwiriye kutuyobora. Aravuga ati: "Mugere ikirenge mu cyanjye, nk'uko nanjye nkigera mu cya Kristo." 1 Abakorinto 11:1. {AA 501.1}

Inkuru y'uko iryo tegeko ryubahirijwe imenyeshwa Dawidi, ariko ivugwa mu buryo bwitondewe cyane kugira ngo bidashyirwa kuri Yowabu cyangwa ku mwami. Yowabu yihanangiriza iyo ntumwa ati: "Numara kubarira umwami amacumu, umwami akarakara, ... Nuko uzamusubize uti: 'Erega n'umugaragu wawe Uriya w'Umuheti na we yarapfuye.' Nuko intumwa iragenda, igeze kuri Dawidi imusobanurira ibyo Yowabu yamytumye byose." {AA 501.2}

Maze umwami abwira iyo ntumwa ati: "Uzabwire Yowabu utya uti: 'Ibyo ntibikubabaze, kuko inkota yica umuntu, irindiriye undi. Urusheho gukomeza urugamba, urwane n'umudugudu uwutsinde.' Kandi nawe umurindishe." {AA 501.3}

Betisheba amara iminsi yo kwiraburira umugabo we nk'uko umuco wari umeze, maze iyo minsi irangiye "Dawidi aramutumira amushyira iwe, amugira umugore we." Umuntu wari ufite umutima w'ineza no kubaha bikomeye utarashoboye kuramburira ukuboko kwe kwica uwasizwe n'Imana nubwo uwo yashakaga kumwica, yari yaratezutse ku Mana cyane bituma ahemukira ndetse yica umwe mu basirikare be b'indahemuka kandi b'intwari cyane, maze yiringira adashidikanya ko azanezezwa n'ingororano y'icyaha cye. Mbega uburyo izahabu nziza yari yangiritse! Mbega uburyo izahabu iruta izindi yahindutse! {AA 501.4}

Kuva mu itangiriro Satani yagiye yereka abantu inyungu bageraho binyuze mu kwica amategeko y'Imana. Uko ni ko yashutse abamarayika. Uko ni nako yashutse Adamuna Eva bagakora icyaha. Uko ni nako akomeje koreka imbaga y'abantu abateshura ku kubaha Imana. Inzira yo kugomera Imana igaragazwa nk'aho ari iyo kwifuzwa; "ariko iherezo ryayo ni inzira y'urupfu." (Imigani 14:12). Hahirwa abakora nk'ibyo, hanyuma bamara gusobanukirwa n'ububi bw'ingaruka z'icyaha bagahindukira bakabivamo.

Imana ku bw’imbabazi igira, ntiyaretse Dawidi ngo akomeze korama ageze ubwo arimburwa n’ingororano zishukana z’icyaha. {AA 501.5}

Byari ngombwa ko Imana ihagoboka kubw’Abisiraheli. Uko igihe cyahitaga ni ko icyaha Dawidi yakoreye Betisheba cyamenyekanaga, abantu batangira no gukeka ko yaba yaricishije Uriya. Uwiteka yarasuzugujwe. Yari yaragiriye neza Dawidi kandi imuha ikuzo, maze icyaha cya Dawidi kigaragaza nabi imico y’Imana kandi kigayisha izina ryayo. Icyo cyaha cyaganishaga abantu gutesha agaciro urugero rwo kubaha Imana mu Bisiraheli, kikoroshya mu ntekerezo za benshi kuzinukwa icyaha; mu gihe abatarakundaga Imana kandi ngo bayubahe binangiye mu kuyigomera bitewe n’icyo cyaha. {AA 501.6}

Umuhanuzi Natani yategetswe gushyira umwami Dawidi ubutumwa bwo kumucyaha. Bwari ubutumwa bukomeye kandi buteye ubwoba. Uko gucyaha kwashoboraga kugezwa ku bami bake cyane ariko bikicisha uzanye ubwo butumwa. Natani yatanze ubutumwa bw’iteka ry’Imana nta mususu, nyamara abivugana ubwenge n’ubuhanga bukomoka mu ijuru ngo bugere ku mpuhwe z’umwami, ibitekerezo bye bikanguke maze bimutere ubwe kwicira urubanza rwo gupfa. Ubwo yavuganaga na Dawidi nk’umurinzi washyizweho n’Imana ngo arinde uburenganzira bw’ubwoko bwe, umuhanuzi yasubiyemo igitekerezo kigaragaza ibibi n’agahato bigomba gukosorwa. {AA 501.7}

Natani yaravuze ati: “Habayeho abantu babiri mu mudugudu umwe, umwe yari umutunzi, undi yari umukene. Kandi uwo mutunzi yari afite amashyo y’inka n’intama nyinshi cyane. Ariko uwo mukene we nta cyo yari afite keretse akagazi k’intama yari yaguze akakarera, kagakurana n’abana be bo mu rugo, kakarya ku twokurya twe, kakanywera ku nkongoro ye kandi karyamaga mu gituza cye, kaba nk’umukobwa we. Bukeye haza umugenzi kwa wa mutunzi, umubi ni uwenda mu nka ze cyangwa mu ntama ze ngo azimanire uwo mushyitsi wamugendereye, ahubwo ajya kwenda wa mwagazi w’intama wa wa mukene, awuzimanira umushyitsi we.” {AA 502.1}

Umwami ararakara, maze aravuga ati: “Ndahiye Uwiteka uhoraho, umuntu wakoze bene ibyo akwiriye gupfa. Kandi azarihe umwana w’intama kane, kuko yakoze ibimeze bityo kandi kuko atagira impuhwe.” 2Samweli 12:5,6. {AA 502.2}

Natani ahanga umwami amaso, maze azamura ukuboko kwe kw’iburyo agutunga mu ijuru, avuga yeruye ati: “Erega uwo mugabo ni wowe!” Yakomeje avuga ati: “Ni iki cyatumye usuzugura ijambo ry’Uwiteka, ugahangara gukora ibyangwa na we?” Nk’uko Dawidi yari yarabikoze, umunyacyaha ashobora kugerageza guhisha abantu icyaha cye; ashobora guhamba kure ibikorwa bibi aho abantu batabibona cyangwa ngo babimenye; ariko “...byose bitwikuruwe nk’ibyambaye ubusa mu maso y’Izatubaza ibyo twakoze.” (Abaheburayo 4:13). “Nta cyatwikiriwe kitazatwikururwa, cyangwa igihishwe

kitazamenyekana.” Matayo 10:26.

{AA 502.3}

Natari abwira Dawidi ati: “Uku no ko Uwiteka Imana ya Isirayeli ivuze itya iti: ‘Nakwimikishije amavuta ngo ube umwami wa Isirayeli, ngukiza amaboko ya Sawuli . . . Ni iki cyatumye usuzugura ijambo ry’Uwiteka, ugahangara gukora ibyangwa nawe: wicishije Uriya w’Umuheti inkota kandi ugacyura umugore we, umugira uwawe kandi Uriya umwicisha inkota y’Abamoni. Nuko rero inkota ntabwo izava mu rugo rwawe iteka ryose,... Umva nzaguhagurukiriza ibyago bivuye mu rugo rwawe, kandi nzatwara abagore bawe ureba mbahe umuturanyi wawe, . . . Wowe wabikoreye mu rwihisho, ariko jye nzabikorera imbere y’Abisiraheli bose ku mugaragaro izuba riva.” {AA 502.4}

Umutima wa Dawidi washenguwe n’ayo magambo amucyaha yabwiwe n’umuhanuzi; icyaha cye cyagaragaye cyose uko cyakabaye. Umutima we wicisha bugufi imbere y’Uwiteka. Nuko avuga ahinda umushitsi ati: “Nacumuye ku Uwiteka.” Ibibi byose bigirirwa abandi biva ku wagiriwe nabi bikagera ku Mana. Dawidi yari yarakoreye icyaha gikomeye cyane yaba Uriya na Betisheba, kandi yumvise uburemere bwacyo cyane. Ariko icyaha gikomeye cyane bitagerwa ni icyo yakoreye Imana. {AA 502.5}

Nubwo nta muntu wari kuboneka muri Isiraheli wari gushyira mu bikorwa igihano cyo gupfa cyari cyakatiwe umwami wasizwe n’Uwiteka, Dawidi yahinze umushitsi, atinya yuko natababarirwa icyaha yari yakoze, azicwa n’Imana by’ikitaraganya. Ariko Imana imutumaho umuhanuzi aramubwira ati: “Uwiteka yagukuyeho icyaha cyawe, nturi bupfe.” Nyamara ubutabera bwagombaga gukurikizwa. Igihano cyo gupfa cyakuwe kuri Dawidi gishyirwa ku mwana wavutse ku cyaha cye. Uko ni ko umwami yahawe amahirwe yo kwihana; mu gihe kuri we umubabaro n’urupfu rw’umwana, (nk’umugabane w’igihano cye), byamubabaje cyane kuruta uko ubwe yari gupfa. Umuhanuzi yaramubwiye ati: “Ariko kuko wahaye abanzi b’Uwiteka urwitwazo runini rwo kumutuka ku bw’icyo wakoze icyo, umwana uzavuka ntazabura gupfa.” {AA 502.6}

Igihe umwana we yafatwaga n’indwara, Dawidi yiyirije ubusa, yicisha bugufi cyane maze asabira uwo mwana ngo ye gupfa. Yakuyemo imyambaro ye ya cyami, yiyambura ikamba rye, maze amara amajoro arambaraye hasi, afite agahinda kamushengura umutima, asabira uwo mwana w’inzirakarengane wababazwaga azira icyaha cye. “Abantu bakuru bo mu rugo rwe babibonye barahaguruka, bamuhagarara iruhande ngo bamubyutse ave hasi, aranga kandi yanga no gusangira nabo.” Akenshi iyo urubanza rwacirirwaga abantu cyangwa imijyi, kwicisha bugufi no kwihana byagiye bituma igihano gikurwaho maze Imana y’Inyambabazi, yihutira kugira ibambe ikabohereza intumwa zibamenyesha iby’amahoro. Kubera iki gitekerezo, Dawidi yakomeje gusaba kugira ngo uwo mwana ye gupfa. Yumvise yuko umwana yapfuye, yaratuje yemera iteka ry’Imana. Igihano cya mbere we ubwe yari yavuze yuko

gitanganywe ubutabera cyari kimugezeho; ariko Dawidi yiringiraga imbabazi z'Imana ntiyacika intege. {AA 503.1}

Iyo abantu benshi basoma igitekerezo cy'uko Dawidi yacumuye, baribaza bati: "Kuki ibi byanditswe bikamenyeshwa abantu bose? Kuki Imana yabonye yuko bikwiriye kwereka isi iyo nenge yabaye mu mibereho y'umuntu wari wari warahawe n'Ijuru icyubahiro gikomeye?" Mu magambo yo gucyaha umuhanuzi Natani yabwiye Dawidi, yavuze ibyerekeye icyaha cya Dawidi ati: "Wahaye abanzi b'Uwiteka urwitwazo runini rwo kumutuka ku bw'icyo wakoze icyo." Mu bihe byinshi byagiye bisimburana abanyabyaha bajya bavuga iby'imico ya Dawidi, bashyigikira iyo nenge ye, maze bakavugana ishema bishuka bati: "Uwo ni we muntu umeze nk'uko umutima w'Imana ushaka da!" Uko ni ko iyobokamana ryagiye rihinyurwa, Imana igatukwa ndetse n'ijambo ryayo rigatukwa, abantu bagiye binangira mu kutizera, kandi benshi bitwikiriye igishura cyo gukiranuka, barushaho kwihandagaza bakora icyaha. {AA 503.2}

Ariko igitekerezo cya Dawidi ntigishyigikira icyaha na gato. Igihe Dawidi yagenderaga mu nzira z'Imana ni bwo yiswe umuntu umeze nk'uko umutima w'Imana ushaka. Ubwo yakoraga icyaha, ibyo ntibyongeye kuba ukuri kuri we kugeza ubwo yagarukiye Imana kubwo kwihana. Ijambo ry'Imana rivuga ryeruye riti: "Icyo Dawidi yakoze icyo cyarakaje Uwiteka." (2Samweli 11:27). Ka ndi Uwiteka yatumye umuhanuzi kuri Dawidi aramubwira ati: "Ni iki cyatumye usuzugura ijambo ry'Uwiteka, ugahangara gukora ibyangwa nawe? . . . Nuko rero inkota ntabwo izava mu rugo rwawe iteka ryose, kuko wansuzuguye." Nubwo Dawidi yihanye icyaha cye kandi akababarirwa ndetse akemerwa n'Uwiteka, yasaruye umusaruro mubi w'imbuto yari yarabibye ubwe. Ibihano Dawidi n'ab'inzu ye bahanwe bigaragaza uburyo Imana yanga icyaha urunuka. {AA 503.3}

Kugeza icyo gihe ubuntu bw'Imana bwari bwararinze Dawidi kugambanirwa n'abanzi be, kandi yari yarakoreshejwe kugira ngo akumire Sawuli mu bibi bye. Nyamara icyaha cya Dawidi cyahinduye isano yari afitanye n'Imana. Uwiteka ntiyashoboraga gushyigikira icyaha mu buryo ubwo ari bo bwose. Ntabwo Uwiteka yari gukoresha ubushobozi bwe ngo arinde Dawidi ingaruka z'icyaha cye nk'uko yari yaramurinze urwango rwa Sawuli. {AA 503.4}

Muri Dawidi ubwe habaye impinduka ikomeye cyane. Yari afite umutima ushengutse bitewe no kuzirikana icyaha cye ndetse n'ingaruka zacyo zikomeye. Yumvise akojejwe isoni imbere y'abagaragu be. Ubushobozi n'uko yubahwaga byari byagabanyutse. Kugeza icyo gihe kugubwa neza kwe kwakomokaga ku kumvira amategeko y'Uwiteka, ariko noneho ubwo abagaragu be bari bamaze kumenya icyaha cye, byari kubatera kujya bakora ibyaha nabo kurushaho nta cyo bishisha. No mu rugo iwe, uko yari akwiye kubahwa no kumvirwa n'abahungu be byaragabanutse. Icyaha cye cyatumaga

yicecekera igihe yabaga agomba guhana icyaha cyakozwe n'undi. Cyamuciye intege ntiyashobora kubahiriza ubutabera mu rugo rwe. Urugero rubi yatanze rwanduje abahungu be, kandi Imana ntiyajyaga kubuza ko ingaruka zibaho. Imana yararetse ngo ibintu bigende nk'uko bigomba kuba, maze muri ubwo buryo Dawidi ahanwa bikomeye. {AA 504.1}

Nyuma yo gukora icyaha kwe, Dawidi yamaze umwaka wose afite umutekano. Nta gihamya cyagaragaraga cy'uko Imana itamwishimiye. Ariko igihano cy'Imana cyari kimutegereje. Byanze bikunze umunsi w'urubanza no guhanwa waregerezaga kandi nta kwihana kwajyaga kuwigizayo. Umubabaro no gukorwa n'isoni byajyaga kwijimisha imibereho ye yose yo ku isi byari byegereje. Abafata urugero rwa Dawidi maze bakagerageza koroshya uburemere bw'ibyaha byabo, bakwirive kwigira mu mateka ya Bibiliya yuko inzira yo kugomera Imana ikomeye. Nubwo bahindukira bakava mu byaha byabo nk'uko Dawidi yabikoze, ingaruka z'ibyaha, ndetse no muri ubu bugingo, zizaba ari mbi kandi kuzihanganira bikomeye. {AA 504.2}

Imana yashatse ko igitekerezo cyo gucumura kwa Dawidi cyaba umuburo werekana ko n'abo yahaye imigisha ikomeye kandi ikabatonesha badakwiriye kumva batekanye ngo birengagize kuba maso no gusenga. Uko ni ko byagendekeye abicishaga bugufi bagashishikarira kwiga icyo Imana yagambiriye kwigisha. Uko ibihe byagiye bisimburana, muri ubwo buryo abantu bihumbi byinshi bagiye bashobozwa kubona akaga bafite gaturuka ku bushobozi bw'umushukanyi. Gucumura kwa Dawidi wari umutoni cyane ku Mana, kubakangurira kutiyizera. Bagiye babona ko Imana yonyine ari yo ishobora kubakomeza kubw'ubushobozi bwayo binyuze mu kuyizera. Kubwo kumenya ko muri Yo ari ho hari imbaraga n'ubuhungiro bwabo, bagiye batinya gutera intambwe ya mbere bagana Satani. {AA 504.3}

Ndetse n'igihe Imana yari itaracira Dawidi urubanza, yari yatangiye gusarura imbuto zo gucumura. Umutima we ntiwari utuje. Agahinda yari afite mu mutima yihanganiye icyo gihe kagaragarira muri Zaburi ys mirongo itatu na kabiri. Dawidi aravuga ati: {AA 504.4}

"Hahirwa uwababariwe ibicumuro bye,

Ibyaha bye bigatwikirwa.

Hahirwa umuntu Uwiteka atabaraho gukiranirwa,

Umutima we ntubemo uburiganya.

Ngicecetse, amagufwa yanjye ashajishwa no

kuniha kwanjye umunsi ukira.

Kuko ukuboko kwawe ku manywa na nijoro kwandemereraga,

Ibyuya byanjye bigahinduka nk’amapfa yo mu cyi. {AA 504.5}

Zaburi 32:1- 4 {AA 504}

Kandi Zaburi ya mirongo itanu n’imwe yerekana kwihana kwa Dawidi, amaze kubona ubutumwa bw’Imana imucyahira ibyo yari yakoze: {AA 505.1}

“Mana umbabarire kubw’imbabazi zawe,

Kubw’imbabazi zawe nyinshi

Usibanganye ibicumuro byanjye.Unyuhagire rwose gukiranirwa kwanjye,

Unyeze unkureho ibyaha byanjye.

Kuko nzi ibicumuro byanjye,

Ibyaha byanjye biri imbere yanjye iteka. . .

Unyejeshe Ezobu ndera,

Unyuhagire ndaba mweru ndushe urubura.

Unyumvishe umunezero n’ibyishimo,

Kugira ngo amagufwa wavunnye yishime.

Hisha amaso yawe ibyaha byanjye,

Usibanganye ibyo nakiraniwe byose.

Mana undememo umutima wera,

Unsubizemo umutima ukomeye.

Ntunte kure yo mu maso yawe,

Ntunkureho Umwuka wawe Wera.

Unsubizemo kunezezwa n’agakiza kawe,

Unkomereshe umutima wemera.

Ni bwo nzigisha inzira zawe abacumura,

Abanyabyaha baguhindukirire.

Mana, ni wowe Mana y’agakiza kanjye,

Unkize urubanza rw’inyama y’umuntu,

Ni bwo ururimi rwanjye ruzaririmba cyane gukiranuka kwawe. {AA 505.2}

Zaburi 51:1 — 14. {AA 505}

Uko ni ko mu ndirimbo yera yagombaga kuririmbirwa mu materaniro rusange y’ubwoko bwe, imbere y’ab’ibwami (abatambyi n’abacamanza, ibikomangoma n’intwari ku rugamba) kandi iyo ndirimbo yaragombaga kuzamenyesha ab’igisekuru giheruka ibyo gucumura kwe, umwami w’Abisiraheli yatuye icyaha cye, kwihana kwe ndetse agaragaza n’ibyiringiro byo kubabarirwa kubw’imbabazi z’Imana. Aho kugira ngo ashake uko yahisha icyaha cye, yifuje ko abandi bakwigishwa n’igitekerezo kibabaje kivuga uburyo yaguye mu cyaha. {AA 505.3}

Kwihana kwa Dawidi kwari kuvuye ku mutima. Ntiyageratageje guhisha icyaha cye. Ntabwo icyifuzo cyo guhunga ibihano yari yabwiwe ari cyo cyamuteye gusenga. Ahubwo yabonye uburemere bw’icyaha yakoreye Imana; yabonye uburyo ubugingo bwe bwari bwanduye maze azinukwa icyaha cye. Ntiyasengeye kubabarirwa gusa, ahubwo yanasabiye ko umutima we wezwa. Ntabwo Dawidi yigeze areka urugamba kubwo kwiheba. Mu masezerano Imana yasezeraniye abanyabyaha bihana, yabonyemo igihamya cy’uko yababariwe n’uko yemewe. {AA 505.4}

“Ni uko utishimira ibitambo mba mbiguhaye,

Ntunezererwe ibitambo byokeje.

Ibitambo Imana ishima ni umutima umenetse,

Umutima umenetse, ushenjaguwe,

Mana, ntuzawusuzugura.” {AA 505.5}

Zaburi 51:16, 17.

{AA 505}

Nubwo Dawidi yari yaguye, Uwiteka yaramubyukije. Noneho yari asigaye agendera mu bushake bw’Imana rwose kandi akagirira impuhwe bagenzi kuruta uko yari asanzwe abikora. Ubwo yari anejejwe no kubohorwa kwe yararirimbye ati: {AA 506.1}

“Nakwemereye ibyaha byanjye,

Sinatwikiriye gukiranirwa kwanjye.

Naravuze nti: “ndaturira Uwiteka ibicumuro byanjye”

Na we unkuraho urubanza rw’ibyaha byanjye. . .

Ni wowe bwihisho bwanjye

Uzandinda amakuba n’ibyago,

Uzangotesha impundu zishima agakiza.” {AA 506.2}

Zaburi 32:5- 7. {AA 506}

Abantu benshi bagiye bivovotera ibyo bitaga kudakoresha ubutabera kw’Imana ubwo iticaga Dawidi wari wakoze icyaha gikomeye, nyuma y’uko yari imaze kureka Sawuli imuhoye ibyo bo babona ko ari ibyaha byoroheje cyane. Nyamara Dawidi yicishije bugufi kandi yihana icyaha cye, naho Sawuli we yasuzuguye gucyahwa kandi anangira umutima we yanga kwihana. {AA 506.3}

Uyu mugabane w’ibyabayeho mu mateka ya Dawidi wuzuyemo ibintu by’ingenzi ku munyabyaha wihana. Ni rumwe mu ngero zikomeye twahawe rugaragaza intambara n’ibigeragezo abantu bahura na byo, ndetse no kwihana nyakuri ku Mana no kwizera Umwami wacu Yesu Kristo. Mu bihe byabayeho byose, iki gitekerezo cyabaye isoko yo gukomezwa ku bantu babaga batsikamiwe n’umutwaro w’icyaha cyabo nyuma yo gucumura. Iyo abana b’Imana ibihumbi n’ibihumbi bagushijwe mu byaha babaga benda kwiheba, bibukaga uko Imana yemeye kwihana no kwatura kwa Dawidi ataryarya, nubwo yababajwe kubw’igicumuro cye; bityo nabo bagiye bagira ubutwari bwo kwihana no kugerageza kongera kugendera mu nzira amategeko y’Imana abayoboramo. {AA 506.4}

Umuntu wese uzacyahwa n’Imana akicisha bugufi mu mutima we afite kwihana no kwatura nk’uko Dawidi yabigenje, akwiriye kumenya adashidikanya ko agifite ibyiringiro. Umuntu wese uzizera akemera amasezerano y’Imana, azababarirwa. Uwiteka ntazigera yirukana umuntu n’umwe uzihana by’ukuri. Yatanze iri sezerano ati: “Ahubwo yisunge imbaraga zanjye abone kuzura nanjye, ndetse niyuzure nanjye.” (Yesaya 27:5). “Umunyabyaha nareke ingeso ze, ukiranirwa areke ibyo yibwira agarukire Uwiteka nawe aramugirira ibambe, agarukire Imana yacu kuko izamubabarira rwose pe.” Yesaya 55:7. {AA 506.5}

IGICE CYA 72 - KWIGOMEKA KWA ABUSALOMU

Dawidi amaze kumva umugani w'umuhanuzi Natani, yiciriye urubanza atazuyaje ati: "Azarihe inshuro enye;" kandi nk'uko yari abyivugiye yagombaga gucirwa urubanza. Bane mu bahungu be bagombaga gupfa, kandi urupfu rw'umwana wese rwari ingaruka y'icyaha cya se. {AA 507.1}

Dawidi yemeye yuko icyaha giteye isoni cya Amunoni, imfura ye gihera atagihaniwe. Amategeko yaciraga umusambanyi urubanza rwo gupfa, kandi ishyano Amunoni yari yakoze ryamuciragaho iteka byikubye inshuro ebyiri. Ariko Dawidi nawe wiciragaho urubanza ku bw'icyaha cye, yananiwe guhana uwacumuye. Abusalomu wafashaga mushiki we wari warahemukiwe agateshwa agaciro, hashize imyaka ibiri ahishe umugambi we wo guhora, ariko yari yubikiriye ngo amaherezo azasohoze umugambi we. Nuko ubwo bagiraga umunsi mukuru w'abana b'umwami, Amunoni wari warahumanyijwe no kuryamana na mushiki we arasinda, hanyuma yicwa ku itegeko rya mwene se. {AA 507.2}

Dawidi yari agezweho n'igihano inshuro ebyiri. Imbitsi yazaniye Dawidi ubutumwa buteye ubwoba buvuga buti: "Abusalomo yishe abana b'umwami bose, ntihasigaye n'umwe muri bo." Maze umwami arabaduka ashishimura imyambaro ye, acura umurambo hasi, n'abagaragu be bose bamuhagarara iruhande, bashishimura imyambaro yabo." Abahungu b'umwami barahunga bagaruka i Yerusalemu maze babwira se uko byagenze; Amunoni wenyine ni we wari wishwe; bityo "...bakihagera batera hejuru bararira kandi n'umwami n'abagaragu be bose bararira cyane." Ariko Abusalomu ahungira kwa sekuru Talumayi, umwami w'i Geshuri. {AA 507.3}

Nk'uko byari bimeze no ku bandi bana b'umwami, Amunoni yari yararetswe agakora ibyo yishakiye. Yashakaga gushimisha umutima we ibyo ugambiriye byose atitaye ku byo Imana isaba. Nubwo yakoze icyo cyaha gikomeye, Imana yari yaramwihanganiye igihe kirekire. Mu myaka ibiri yose Amunoni yari yarahawe amahirwe yo kwihana; nyamara yakomeje gukora ibyaha maze ageza ubwo yicwa atihanye icyaha cye, yicirwa gutegereza urukiko ruteye ubwoba ryo ku munsi uheruka w'urubanza. {AA 507.4}

Dawidi yari yarirengagije inshingano yo guhanira Amunoni icyaha cye, maze bitewe no kudasohoza inshingano ye nk'umubyeyi kandi nk'umwami, hagakubitiraho no kutihana k'umuhungu we, byatumye Uwiteka yemera ko biba bityo ntiyatangira Abusalomo. Iyo ababyeyi cyangwa abayobozi batitaye ku nshingano yo guhana abakoze ibibi, Imana ubwayo izagira icyo yikorera. Imbaraga yayo ikumira ibibi izakurwaho kugira ngo hagire ibintu bibaho bihanishe icyaha ikindi. {AA 507.5}

Ingaruka mbi zo kudahana Amunoni kwa Dawidi ntizahagarariye aho, kuko aho ari ho Abusalomu yatangiriye kunyuranya na se. Abusalomo amaze guhungira i Geshuru, Dawidi abona yuko Abusalomu yagombaga guhanirwa amarorerwa yakoze, maze yanga yuko agaruka. Ibyo byongeye ibibi bikomeye umwami yari agiye guhura nabyo. Abusalomu wari umunyambaraga, akagira inyota y'ubutegetsi ndetse ntagire gahunda ihamye agenderaho, kuba mu buhungiro kwe kwatumye atagira uruhare mu byaberaga i bwami maze bidatinze yirundurira mu migambi iteza akaga. {AA 507.6}

Hashize imyaka ibiri, Yowabu yiyemeje kunga umwana n'umuhungu we. Kubw'uyu mugambi, yasabye umugore w'i Tekowa wari waramamaye ku bw'ubuhanga bwe kugira ngo abimufashemo. Uwo mugore asanga Dawidi amubwira yuko ari umupfakazi wari ufite abana b'abahungu babiri ari bo bonyine bari bamugize kandi bakamuhumuriza. Yamubwiye ko ba bana baje gutongana umwe yica undi none umuryango wabo wose ukaba ushaka yuko uwasigaye atangwa agahorwa amaraso yavushije. Nuko uwo mubyeyi aravuga ati: "...uko ni ko bashaka kuzimya ikara nsigaranye, ngo badasigira umugabo wanjye izina cyangwa umwuzukuru ku isi." (2 Samweli 14:7). Ibyo bibabaza umwami maze asezeranira uwo mugore yuko azamurindira umuhungu ntagire icyo aba. {AA 507.7}

Amaze kwiyumvira amagambo avuye ku mwami amusezeranira ko uwo mwana atazicwa, yingingiye umwami kumwihanganira, maze amubwira yuko umwami ari we wafuditse kuko atagaruye mu rugo uwo yari yarirukanye. Yaravuze ati: "Twese tuzapfa duse n'amazi amenetse hasi, atakiyorwa ukundi. Kandi Imana na yo ubwayo ntihutiraho gukuraho ubugingo,

ahubwo ishaka uburyo kugira ngo uwirukanywe ataba uciwe na yo. " Urwo rugero rw'impuhwe kandi rukora ku mutima rugaragaza urukundo Imana igirira umunyabyaha, (nubwo rwavuzwe ruturutse kuri Yowabu wari umusirikare w'umugome), ni igihamya gikomeye cy'uko Abisiraheli bari bazi neza ukuri gukomeye kwerekeranye no gucungurwa. Umwami ubwe yumvise uko akeneye imbabazi z'Imana, bityo ntiyashoboraga kwanga ibyo asabwe. Yategetse Yowabu ati: "Nuko genda ugarure uwo muhungu Abusalomu." {AA 508.1}

Abusalomu yemererwa kugaruka i Yerusalemu, ariko ntiyemerewe kuza i bwami cyangwa kubonana na se. Dawidi yari yaratangiye kubona ingaruka mbi zo kureka abana be bagakora ibyo bishakiye; kandi nubwo yakundaga uwo muhungu we w'umunyaburanga kandi w'umuhanga, yabonye ko ari ngombwa kugaragaza uko yanga urunuka igikorwa cy'ubugome nk'icyo bikabera isomo Abusalomu na rubanda rwose. Abusalomu yamaze imyaka ibiri iwe ariko yaraciwe i bwami. Mushiki we yabaga iwe bityo kuhaba kwe bikomeza kumwibutsa ikibi kitakosorwa yakorewe. Uko ribanda nyamwinshi babibonaga, Abusalomu yari intwari aho kuba umugizi wa nabi.

Maze bitewe n’ayo mahirwe yari afite, yiyemeje gukora uko ashobye kose kugira ngo abantu bamukunde. Igihagararo cye cyatumaga abamwitegereza bose bamukunda. “Kandi mu Bisirayeli bose, ntawashimwaga nka Abusalomu kubw’ubwiza bwe; uhereye mu bworo bw’ikirenge ukageza mu gihorihori nta nenge yamubonekagaho.” Ntabwo byari byiza ko umwami areka umuntu nka Abusalomu, ufite imico yo kurarikira n’ubuhubutsi, yamara iyo myaka ibiri muri ayo majune. Nanone kandi icyo Dawidi yakoze akamwemerera kugaruka i Yerusalemu nyamara akanga yuko babonana, byatumye abantu bamugirira impuhwe. {AA 508.2}

Kubera ko Dawidi yahoraga yibuka uko ubwe yishe amategeko y’Imana, yasaga n’uwaguye ikinya mu mico mbonera. Yari afite intege nke kandi atagishobora gufata umwanzuro mu gihe mbere y’uko akora icyaha yari umunyambaraga kandi uzi gufata imyanzuro. Uko abantu bamwubahaga byari byaragabanutse, bityo ibyo byorohereje umuhungu we mubi mu migambi yacuraga. {AA 508.3}

Binyuze mu kuvuganirwa na Yowabu, Abusalomu yongeye kwemererwa kubonana na se; nyamara nubwo hariho ubwiyunge bugaragara inyuma, yakomeje imigambi ye. Noneho yabaye nk’uwigira umwami, akagira amagare n’amafarashi ndetse n’abantu mirongo itanu bamujyaga imbere. Kandi igihe umwami yabaga ananiwe cyane akeneye ikirihuko n’aho aba wenyine, Abusalomu yakoraga uko ashoboye kose kugira ngo yikundishe abantu.

{AA 508.4}

Kutagira icyo yitaho kwa Dawidi no kudafata imyanzuro kwe kwateje impinduka mu bamwungirije. Gutanga ubutabera byarangwagamo kwirengagiza no gutinda. Abusalomu yakoranaga ubuhanga maze akifashisha ibitaranezezaga abantu agira ngo bamugirire icyizere. Uko bukeye uwo mugabo w’uburanga yabonekaga ku irembo ry’umurwa mukuru, aho abantu benshi babaga bategerereje gutanga ibibazo byabo ngo bikemurwe. Abusalomu yabajyagamo agatega amatwi ibibashengura, akabereka yuko ababajwe n’imibabaro yabo kandi yuko anababajwe n’uburyo ubutegetsi budakora neza. Ubwo yabaga amaze kumva ikibazo cy’umuntu umwe yaramubwiraga ati: “Umva, urubanza rwawe ni rwiza kandi ruraboneye, ariko nta muntu umwami yashyizeho kumva ibyawe.” Yongeragaho ati: “Yemwe, iyaba naragizwe umucamanza wo muri iki gihugu, umuntu wese wagize impamvu yose cyangwa urubanza akansanga, namuciriye urubanza rutabera. Iyo hagiraga umuntu umwegera kumuramya, yaramburaga ukuboko kwe, akamufata akamusoma.” {AA 509.1}

Umuhungu w’umwami agandishiriza ubutegetsi maze kutabwishimira bikwira hose vuba. Abantu bose bashimaga Abusalomu. Muri rusange abantu bamufataga ko ari we uzasimbura se ku ngoma; abantu bamurebanaga ishema babona ko ari we ukwiriye kuzajya muri uwo mwanya w’icyubahiro, maze icyo cyifuzo cy’uko yaba umwami

kiravugwa cyane. “Nuko Abusalomu yigarurira imitima y’Abisiraheli.” Nyamara umwami ntiyabonaga ibyo bitewe n’urukundo yakundaga umuhungu we, bityo ntiyagira icyo akeka. Dawidi yafataga kwitwara cyami kwa Abusalomu nk’aho agamije guhesha icyubahiro ubwami bwe kandi nk’aho ari uburyo bwo kugaragaza ibyishimo by’uko biyunze. {AA 509.2}

Intekerezo z’abantu zari ziteguye ibyendaga gukurikiraho, maze Abusalomu yohereje abatasi rwihishwa mu miryango yose gutegura uburyo bwo kwigomeka. Icyo gihe yabeshye ko agiye gutamba ibitambo kugira ngo imigambi ye y’ubugambanyi itamenyekana. Ibyo yari amaze igihe yararahiriye ko azakora igihe yari mu buhungiro byagombaga gukorerwa i Heburoni. Nuko Abusalomu abwira umwami ati: “Ndakwinginze, nyemerera njye guhigura umuhigo nahigiye Uwiteka i Heburoni. Kuko umugaragu wawe nahize umuhigo ubwo nari ntuye i Geshuri muri Siriya; naravuze nti: ‘Uwiteka naramuka ansubije i Yerusalemu, ni koko nzakorera Uwiteka.” {AA 509.3}

Uwo mubyeyi wakundaga umwana we, anejejwe n’icyo kimenyetso cyo gukiranuka k’umwana we, amusabira umugisha aramusezerera. Noneho ubugambanyi bwari bugiye gusohoza umugambi wabwo. Igikorwa guheruka cy’uburyarya bwa Abusalomu nticyari kigambiriye kubeshya umwami gusa, ahubwo cyari n’icyo gutuma abantu bamwizera maze akabona uko abashuka bakagomera umwami wimitswe n’Imana. {AA 509.4}

Abusalomu afata urugendo yerekeza i Heburoni, maze ajyana “n’abagabo magana abiri avanye i Yerusalemu, bahamagawe kugenda, bagenda batagira uburiganya, nta cyo bazi.” Abo bagabo bajyanye na Abusalomu batazi rwose yuko urukundo bakunda umuhungu w’umwami rubaganisha ku kugomera se. Abusalomu ageze i Heburoni, yahise ahamagaza Ahitofeli, umwe mu bajyanama bakomeye ba Dawidi, umugabo wari uzwiho ubwenge bwinshi, abantu batekerezaga ko ibitekerezo bye ari byiza kandi birimo ubwenge nk’iby’umuntu uvugana n’Imana. Ahitofeli yifatanyije n’abo bagambanyi, maze inkunga ye ituma abantu babona yuko umugambi wa Abusalomu uzagerwaho, bitera n’abandi bantu bakomeye bo mu turere twose tw’igihugu bamusanga. Igihe impanda zo kwigomeka zavugaga, abatasi ba Abusalomu bakwije inkuru mu gihugu hose ko Abusalomu yabaye umwami maze abantu benshi baramusanga. {AA 509.5}

Muri icyo gihe impuruza igera i Yerusalemu ku mwami. Dawidi yatunguwe no kubona ko ubwigomeke bwadutse iruhande rwe. Umwana yibyariye — umwana yari yarakunze kandi yiringiye - yari amaze igihe amugambanira ngo amwambure ikamba rye kandi nta gushidikanya yajyaga no kumwica. Muri ako kaga gakomeye Dawidi yari agezemo, yahereyeko akanguka ava mu gihu cyo gucika intege yari amazemo iminsi maze yuzuye umwuka wamuranze mu myaka ye ya mbere, yitegura guhangana n’ako kaga

kari gatunguranye. Abusalomu yariho akoranyiriza ingabo ze i Heburoni ku birometero mirongo itatu gusa uvuye i Yerusalemu. Ibyo byigomeke byajyaga kugera ku marembo ya Yerusalemu bidatinze. {AA 510.1}

Dawidi asohoka mu ngoro ye yitegereza umurwa —"uburebure bwawo ni wo byishimo by'isi yose, ni wo rurembo rw'umwami ukomeye." (Zaburi 48:2). Atekereje kuvushiriza amaraso mu murwa we no kuwurimbura agira ubwoba. Mbese yajyaga guhamagara abagaragu bari bakiyoboka ingoma ye ngo baze bamufashe maze arwanire kugumana umurwa we? Mbese yari kwemera ko Yerusalemu yuzurwa n'imivu y'amaraso? Aherako afata icyemezo. Imiborogo y'intambara ntiyari ikwiriye kumvikanira mu murwa watoranyijwe. Yahisemo kuva muri Yerusalemu maze akareba uko abantu be bamukunda kandi akababaha n'umwanya kugira ngo baze bamushyigikire. Muri ako kaga gakomeye, Dawidi yari afite inshingano yagombaga kuzuza imbere y'Imana n'abantu be ari yo yo gukomeza ubutegetsi yari yarahawe n'Imana. Ikibazo cy'ayo makimbirane yagombaga kugishyira mu maboko y'Imana.

{AA 510.2}

Dawidi asohoka muri Yerusalemu yicishije bugufi kandi afite agahinda — ava ku ntebe ye ya cyami, mu ngoro ye, atandukana n'isanduku y'Imana bitewe no kwigomeka k'umuhungu we yakundaga. Abantu bamukurikira ari benshi, bababaye, bagenda nkabajya guhamba. Umutwe w'ingabo zari zishinzwe kurinda umwami wari ugizwe n'Abakereti, Abapereti, n'Abagiti magana atandatu baturukaga i Gati, wayoborwaga na Itayi, uherekeza umwami. Ariko Dawidi wari usanzwe agira imico itarangwa no kwikunda, ntiyabashije kwemera ko abo banyamahanga bari baramushakiyeho amakiriro bafatanya na we ibyago bye. Yababwiye amagambo atangaje ko bakwiriye kwitegura guhura n'ingorane kubera we. Maze umwami abaza Itayi w'Umugiti ati: "Wowe ni iki gitumye ujyana na twe? Subirayo ugumane n'umwami kuko uri umunyamahanga waje uciwe, subira iwawe. Mbese ko waje ejo, none nabasha nte kukubwira ngo uzererane natwe hirya no hino ubwo ngiye kujya aho mbonye hose? Subirayo, usubiraneyo na bene so. Imbabazi n'ukuri bibane na we. » {AA 510.3}

Itayi aramusubiza ati : "Ndahiye Uwiteka uhoraho n'ubugingo bw'umwami databuja, aho umwami databuja azaba, ni kuba gupfa cyangwa kuba muzima, aho ni ho umugaragu wawe nzaba." Aba bantu bari barahindutse bava mu bupagani bakajya baramya Uwiteka, maze bagaragaza kudahemuka ku Mana yabo n'umwami wabo nk'indahemuka. N'umutima wishimye, Dawidi yemeye ukwitanga bamwitangiye n'ubwo byasaga nk'aho ibye byari byarangiye, maze bose bambuka akagezi Kidironi, bagenda bagana mu butayu. {AA 510.4}

Na none uwo murongo w'abantu urahagarara. Itsinda ry'abantu bari bambaye imyambaro yejejwe ryazaga ribasatira. "Kandi Sadoki na we azana n'Abalewi bose

bahetse isanduku y’isezerano ry’Imana.” Abari bakurikiye Dawidi bitegereje ibyo nk’ikintu kinejeje. Kuri bo, kuza kw’icyo kimenyetso cyera kwari indahiro ibagaragariza ko bazakira kandi bazanesha byanze bikunze. Isanduku y’Imana yari gutera abantu ubutwari bwo kwifatanya n’umwami. Kubona Isanduku itari i Yerusalemu rero, byajyaga gutera ubwoba abayoboke ba Abusalomu. {AA 511.1}

Dawidi abonye iyo sanduku y’isezerano ry’Imana, umunezero n’ibyiringiro bimara akanya gato bisabye umutima we. Ariko bidatinze agira ibindi bitekerezo. Nk’umuyobozi washyizweho ngo atware ubwoko bw’Imana, yari afite inshingano ikomeye. Nta nyungu ze ku giti yagombaga kwitaho, ahubwo ikuzo ry’Imana n’imibereho myiza y’abantu be ni byo byagombaga kuba nyambere mu mutima we. Imana yabaga hagati y’Abakerubi yari yaravuze ibya Yerusalemu iti: “Aha ni ho buruhukiro bwanjye iteka ryose” (Zaburi 132:14), kandi nta mutambyi cyangwa umwami wari ufite uburenganzira bwo kuhakura ikimenyetso cy’uko Imana ihari atabiherewe uburenganzira na Yo. Kandi Dawidi yari azi ko umutima we n’ubugingo bwe bigomba kujyanirana n’amategeko y’Imana, bitaba ibyo isanduku y’isezerano yari kuzaba isoko y’ibyago aho kuba isoko yo kunesha. Yahoraga yibuka icyaha gikomeye yari yarakoze. Muri ubwo bugambanyi yagiriwe yabonagamo igihano cy’Imana. Inkota itaragombaga kuva mu rugo rwe yari yakuwe mu rwubati. Ntabwo yari azi amaherezo y’iyo ntambara. Ntabwo ari we wari ukwiriye gukura mu murwa w’igihugu amategeko yera yari abumbiyemo ubushake bw’Imana ari yo Mutegetsi wabo, kandi ayo mategeko ni yo yari itegekonshinga ry’igihugu n’urufatiro rwo kugubwa neza kwacyo. {AA 511.2}

Dawidi ategeka Sadoki ati: “Subiza isanduku mu murwa. Nindamuka mbonye imbabazi ku Uwiteka azangarurayo, kandi azayinyereka n’ubuturo bwe. Ariko nambwira atya ati: ‘Sinkwishimira’; dore ndi hano nangenze uko ashaka.” {AA 511.3}

Dawidi yongeyeho ati: “Aho nturi bamenya?” —umuntu washyizweho n’Imana kugira ngo ahwiture abantu. “Subira mu murwa amahoro n’abahungu bawe bombi, Ahimasi umwana wawe, na Yonatani umwana wa Abiyatari. Dore nzategerereza ku byambu byo ku ishyamba, kugeza aho muzantumiraho inkuru z’impamo.” Mu murwa abo batambyi bagombaga gukorera umwami umurimo mwiza bakamenya ibikorwa byose n’imigambi y’abigometse, maze bakabimenyesha umwami rwihishwa batumye abana babo ari bo Ahimasi na Yonatani. {AA 511.4}

Ubwo abo batambyi basubiraga i Yerusalemu, umwijima w’icuraburindi watwikiriye uwo murongo w’abantu. Umwami wabo yari abaye impunzi, na bo ubwabo babaye ibicibwa, isanduku y’Imana ibarekuye, bityo rero ahazaza hari hijimye hateye ubwoba n’urujijo! “Dawidi aterera aho bazamukira ku musozi wa Elayono, agenda arira ikijyaruguru, yari atwikiriye umutwe adakwese, kandi n’abari kumwe na we bose bitwikiraga imitwe bazamuka barira ikijyaruguru. Maze umuntu abwira Dawidi ko

Ahitofeli ari umwe mu bajyanama b’ubugome, ufatanyije na Abusalomu.” Dawidi yongeye kuzirikana ko ibyo byago arimo ari ingaruka z’icyaha cye. Impamvu yatumye Ahitofeli wari umuyobozi warushaga abandi bose ubuhanga bwo gutegeka acika, ni uko yagira ngo ahorere icyaha cyo gusuzugurwa k’umuryango we cyabaye mu bibi Dawidi yakoreye Betisheba, wari umwuzukuru we. {AA 511.5}

Dawidi arasenga ati: “Uwiteka ndakwinginze, hindura inama za Ahitofeli ubusa.” Umwami ageze mu mpinga y’umusozi, arapfukama arasenga, atura Imana umutwaro wari umuremereye kandi asaba kugirirwa imbabazi z’Imana yicishije bugufi. Byabaye nk’aho isengesho rye ryahise risubizwa. Nuko Hushayi w’Umwaruki, wari umujyanama w’umunyabwenge kandi ushoboye, wari waragaragaje ko ari incuti ya Dawidi idahemuka, araza asanga umwami washishimuye imyenda ye kandi yisize umukungugu mu mutwe, aza kwifatanya n’umwami wari wakuweho kandi wari wahunze. Abihishuriwe n’Imana, Dawidi yabonye ko uwo mugabo w’umwiringirwa ari we ukenewe kugira ngo ajye kurengera inyungu z’umwami akamubera icyitso mu murwa mukuru. Dawidi abimusabye, Hushayi yemera gusubira i Yerusalemu gukorera Abusalomu kugira ngo ajye arogoya inama z’ubugome za Ahitofeli. {AA 512.1}

Kubera iryo humure bari babonye mu gihe cy’umwijima, umwami n’abari bamukurikiye bakomeje urugendo bamanukira mu mucyamu w’iburasirazuba bw’umusozi wa Elayono, banyura mu bihanamanga by’ibitare n’ikidaturwa ahagana ku ruzi rwa Yorodani. “Umwami ageze i Bahurimu, abona haturutseyo umugabo wo mu muryango wa Sawuli witwaga Shimeyi mwene Gera, arasohoka aza amutuka. Atera Dawidi amabuye n’abagaragu b’umwami Dawidi bose, kandi abantu bose n’abanyambaraga bose, bari bamukikije iburyo n’ibumoso. Shimeyi aramutuka ati: ‘Genda genda wa mwicanyi we, wa kigoryi we. Uwiteka yakugaruyeho amaraso y’inzu ya Sawuli yose wizunguriye ugatwara, none Uwiteka yagabiye Abusalomu umuhungu wawe ubwami bwawe, kandi dore na we uzize igomwa ryawe kuko uri umwicanyi.” {AA 512.2}

Dawidi agikomeye, Shimeyi ntiyari yarigeze kwerekana haba mu bikorwa cyangwa mu magambo ko atamuyoboka. Ariko igihe umwami yari mu kaga, uyu mubenyamini yagaragaje imico ye nyakuri. Yari yarubashye Dawidi akiri umwami, ariko ubwo yari acishijwe bugufi aramutuka. Yari umuntu mubi kandi wikanyiza, maze abona ko abandi bahuje imico nawe, kandi ahanzweho na Satani urwango rwe arucucumukra ku muntu Imana yari yihaniye. Umwuka utera umuntu kwishima hejuru, kwandagaza cyangwa kubabaza umuntu uri mu gahinda, ni umwuka wa Satani. {AA 512.3}

Ibirego Shimeyi yashinjaga Dawidi byari ibinyoma bisa biafite ishingiro. Dawidi ntiyari ahaniwe yuko yagiriye nabi Sawuli cyangwa ab’inzu ye. Igihe Sawuli yari mu maboko ye, yashoboraga kuba yaramwishe, ariko icyo yakoze gusa ni uko yakase ikinyita cy’ikanzu ye, ndetse na we ubwe yaje kwigaya kubw’uko yasuzuguye atyo umuntu Uwiteka

yimikishije amavuta. {AA 512.4}

Hagiye hagaragara ibihamya bikmeye by'uko Dawidi yubahaga cyane ubuzima bw'umuntu ndetse n'igihe ubwe yabaga ahigwa nk'inyamaswa. Umunsi umwe ubwo yari yihishe mu buvumo bwa Adulamu, intekerezo ze zerekeye ku mudendezo yari yaragize ubwo yari umusore maze Dawidi wari wahunze aravuga ati: "Icyampa nkabona unsomya ku mazi y'iriba ryo ku irembo ry'i Betelehemu." (2Samweli 23:13-17). Icyo gihe Betelehemu yari mu maboko y'Abafilisitiya; ariko abagabo batatu b'intwari bo mu ngabo ze baratanyije baca ku barinzi maze bazanira shebuja ku mazi y'i Betelehemu. Dawidi ntiyayanyoye. Yaratatse ati: "Ntibikabeho Uwiteka, kuba nakora ntyo. Ndebe nywe amaraso y'abantu bahaze amagara yabo?" Maze mu cyubahiro cyinshi Dawidi asuka ayo mazi nk'ituro atuye Imana. Ibihe byinshi by'imibereho ya Dawidi yabimaze mu ntambara; ariko mu bantu bose banyuze mu magorwa nk'ayo, ni bake bashoboye kubyihanganira nka Dawidi, ntibinangira imitima kandi ntibacogora.

{AA 512.5}

Mwishywa wa Dawidi witwaga Abishayi, yari umwe mu batware b'ingabo b'intwari, yananiwe gukomeza kwihanganira kumva ibitutsi bya Shimeyi. Abishayi yaravuze ati: "Ariko ni iki gituma tureka iyo mbwa y'intumbi agatuka umwami databuja? Ndakwinginze reka nambuke muce igihanga." Ariko umwami amubuza agira ati: "Murareba uko umuhungu wanjye nibyariye agenza ubugingo bwanjye. Mbese uwo Mubenyamini ntiyarushaho? Nuko nimumureke yitukire, kuko Uwiteka yabimutegetse. Ahari Uwiteka azareba inabi ngirirwa, kandi Uwiteka azanyitura ibyiza kubw'iyo mivumo yamvumye uyu rnunsi." {AA 513.1}

Umutima wa Dawidi wamwibutsaga ukuri kubabaje kandi gukojeje isoni. Ubwo abantu b'umwami b'indahemuka bibazaga impamvu yatumye imigisha ye ihinduka imivumo mu buryo butunguranye, kuri we ntibyari ubwiru yari ayizi. Ibihe byinshi yari yaratekereje ku bizamubaho mu bihe nk'ibyo. Ndetse yatangazwaga n'uko Imana yari yarihanganiye cyane ibyaha bye igihe kirekire nk'icyo, igatinza igihano yari akwiriye. Maze noneho ubwo yahungaga by'ikubagahu afite agahinda, ibirenge bye byambaye ubusa, imyambaro ye ya cyami yasimbujwe ibigunira, imiborogo y'abari bamukurikiye yirangira mu misozi, yatekereje umurwa we yakundaga, ari wo yakoreyemo icyaha. Yibutse ineza y'Imana no kwihangana kwayo maze agarura ibyiringiro. Yiyumvisemo ko Uwiteka azakomeza kumugirira impuhwe. {AA 513.2}

Inkozi z'ibibi nyinshi zitanga urwitwazo ku byaha byazo zerekana uko Dawidi yacumuye, nyamara bake cyane nibo barangwa no kwihana no kwicisha bugufi nk'ukwa Dawidi. Mbega uburyo ari bake cyane bakwihanganira gucyahwa no guhanwa bihanganye kandi bafite ubutwari nk'ibyo yagaragaje! Yari yarihanye icyaha cye, kandi yamaze imyaka myinshi ashishikariye kuzuza inshingano ze nk'umugaragu mwiza

w’Imana. Yari yarakoze byinshi kugira ngo azamure igihugu cye, kandi igihe yari ku ngoma igihugu cyari cyarakomeye ndetse kigubwa neza ku rwego kitari cyarigeze kugeraho. Yari yarakoze ububiko bwinshi bw’ibikoresho byo kubaka inzu y’Imana, ariko se noneho ibyo yari yarakoze mu mibereho ye yose byari bigiye gusenywa? Mbese umusaruro w’imirimo yakoreye Uwiteka imyaka myinshi, umirimo yakoranye ubuhanga n’ubwitange, wari ukwiriye guhabwa umuhungu we w’inguguzi kandi w’umugambanyi, utaritaga ku cyubahiro cy’Imana cyangwa ku kugubwa neza kw’ishyanga rya Isiraheli? Mbega uko byari kuba ibisanzwe ko Dawidi yari kwitotombera Imana muri uwo mubabaro ukomeye! {AA 513.3}

Dawidi yabonaga ko icyaha cye ari cyo cyamuteje ako kaga arimo. Amagambo y’umuhanuzi Mika agaragaza umwuka warangaga umutima wa Dwidi. “Wa mwanzi wanjye we, we kunyishima hejuru ningwa nzabyuka, ninicara mu mwijima Uwiteka azambera umucyo. Nzihanganira uburakari bw’Uwiteka kuko namugomeye, kugeza ubwo azamburana akantsindira. Azansohora anjyane mu mucyo, mbone kureba gukiranuka kwe.” (Mika 7:8,9). Kandi Uwiteka ntiyaretse Dawidi. Ibi byamubayeho icyo gihe mu mibereho ye, igihe yagirirwaga nabi bikomeye kandi agatukwa, akagaragaza kwicisha bugufi, kutikunda, kugira ubuntu, no kumvira, ni bimwe mu bintu by’agaciro byaranze imibereho ye yose. Nta na rimwe yari yarigeze akomera cyane mu maso y’Imana nk’icyo gihe ubwo mu bigaragara yari yacishijwe bugufi cyane. {AA 513.4}

Iyo Imana yemerera Dawidi gukomeza gukora icyaha ntacyahwe, kandi agakomeza kwica amategeko y’Imana, akaguma ku ngoma ye afite amahoro kandi aguwe neza, abahakanyi n’abatizera bari kubona urwitwazo bagakoresha igitekerezo cya Dawidi bahinyura iyobokamana rivugwa na Bibiliya. Ariko mu byo Imana yemeye ko Dawidi anyuramo, Uwiteka agaragaza ko adashobora kubererekera cyangwa gushyigikira icyaha. Igitekerezo cya Dawidi gituma tubona iherezo rikomeye Imana ibona mu buryo igenza icyaha. Iki gitekerezo kidufasha kwitegereza no mu bihano bibabaje cyane tukabonamo isohozwa ry’imigambi yayo y’imbabazi n’ubuntu. Yacishije umunyafu kuri Dawidi ariko ntiyamurimbuye. Uruganda rutunganya ubutare rukuramo inkamba, ariko ntirubukongora ngo bushire. Uwiteka aravuga ati: “Niba bazaca ku mateka yanjye, ntibitondere amategeko yanjye, ni bwo nzahoresha ibicumuro byabo inkoni, no gukiranirwa kwabo nzaguhoresha kubakubita. Ariko sinzamukuraho rwose imbabazi zanjye, sinzivuguruza umurava wanjye.” Zaburi 89:31-33. {AA 514.1}

Nyuma gato y’uko Dawidi avuye i Yerusalemu, Abusalomu n’ingabo ze bahise binjira maze bigarurira igihome gikomeye cy’Abisiraheli ntawe ubarwanyije. Hushayi aba umwe mu babanje kuramya uwo mwami wari wimye vuba, maze uwo mwana w’umwami atungurwa kandi anezezwa no kugira mu bayoboke be uwahoze ari incuti n’umujyanama wa se. Abusalomu yari yizeye yuko azasugira agasagamba. Kubera ko kugeza ubwo imigambi ye yari yamuhiriye, kandi akaba yarashakaga gukomeza

ingoma ye no gutuma igihugu kimugirira icyizere, yakiriye Hushayi i bwami neza. {AA 514.2}

Abusalomu yari akikijwe n'ingabo nyinshi ariko abenshi muri bo ntibari baratojwe iby'intambara, kandi kugeza ubwo bari batararwana. Ahitofeli yari azi neza ko ibya Dawidi bitararangira. Umugabane munini w'igihugu wari ugikunze Dawidi; yari afite ingabo zatojwe neza, kandi zari indahemuka ku mwami wazo Dawidi ndetse zayoborwaga n'abayobozi babishoboye kandi babimenyereye. Ahitofeli yari azi yuko nyuma y'ibyishimo bya mbere bamaze kwakira umwami mushya hari bube impagarara. Iyo kwigomeka kwabo kuburiramo rero, Abusalomu yajyaga kwiyunga na se. Hanyuma Ahitofeli wari umujyanama we mukuru, ni we kwigomeka byajyaga kubarwaho kuruta abandi bose; bityo ni na we wajyaga guhanwa cyane kurusha abandi. Kugira ngo Ahitofeli abuze Abusalomu gutezuka ku mugambi we, yamugiriye inama yo gukora igikorwa cyajyaga gutuma mu maso ya rubanda rwose kwiyunga na se bidashoboka. Uwo mutegetsi mubi utari indahemuka akoresha ubucakura nk'ubwa Satani maze yoshya Abusalomu kongera icyaha cyo gusambanya inshoreke za se ku cyaha cyo kwigomeka yari yakoze. Nk'uko umugenzo wo mu bihugu byo mu burasirazuba wari, yagombaga gutaha ku nshoreke za se ku mugaragaro Abisiraheri bose babibona, ubwo rero akaba yerekanye ko yasimbuye se ku ntebe y'ubwami. Maze Abusalomu ashyira mu bikorwa iyo nama mbi. Uko ni ko ijambo ry'Imana ryasohoye kuri Dawidi nk'uko umuhanuzi yabimubwiye ati: "Umva nzaguhagurukiriza ibyago bivuye mu rugo rwawe, kandi nzatwara abagore bawe ureba mbahe umuturanyi wawe, . . . Wowe wabikoreye mu rwihisho, ariko jye nzabikorera imbere y'Abisirayeli bose ku mugaragaro izuba riva." (2 Samweli 12:11, 12). Ntabwo ari ukuvuga yuko Imana ari yo yatumye ibyo byaha bikomeye bibaho, ariko bitewe n'icyaha cya Dawidi, Imana ntiyakoresheje ububasha bwayo ngo ibibuze. {AA 514.3}

Ahitofeli yari yaragiye yubahwa kubera ubwenge bwe ariko ntiyari agifite ubwenge no kumurikira biva ku Mana. "Kubaha Uwiteka ni ishingiro ry'ubwenge" (Imigani 9:10); kandi ubu bwenge Ahitoferi ntiyari abufite, naho ubundi ntiyajyaga kwibwira yuko amahano y'ubusambanyi ari yo yajyaga kubafasha ubugambanyi bwabo ntibukomwe imbere. Abantu bafite imitima yuzuye gukiranirwa bagambanira kugira nabi nk'aho nta Mana igenga byose ishobora kwica imigambi yabo. Ariko "Ihora yicaye mu ijuru izabaseka, Umwami Imana izabakoba." (Zaburi 2:4.) Uwiteka aravuga ati: "Ntibemeye inama zanjye, bahinyuye guhana kwanjye kose. Ni cyo gituma bazarya ibiva mu mu ngeso zabo, kandi bazahazwa n'imigambi yabo. Ubuhemu bw'abaswa buzabicisha, kandi kugubwa neza kw'abapfu kuzabarimbura." Imigani 1:30-32.

{AA 515.1}

Ahitofeli amaze kubona yuko nta we ukigize icyo amutwara, yahise yereka Abusalomu

uburyo ari ngombwa guhita barwanya Dawidi. Yaravuze ati: “Reka ntoranye ingabo ibihumbi cumi na bibiri nkurikire Dawidi iri joro. Ndamugeraho ananiwe nta gatege, mutere ubwoba maze abari kumwe nawe bose bahunge, hanyuma mwice asigaye wenyine. Bityo nzakugarurira abantu be bose, kuko kwica uriya ushaka ari ko kukugarurira bose, maze igihugu kikagira amahoro.” Uwo mugambi wemewe n’abajyanama b’umwami ariko iyo ukurikizwa, nta kabuza Dawidi yajyaga kwicwa iyo Imana idahita igoboka ikamukiza. Nyamara nyir’ubwenge buruta kure ubwa Ahitofeli yari ku ruhembe rw’ibyabaga. “Uwiteka yagambiriye kurogoya inama nziza ya Ahitofeli kugira ngo Uwiteka atere Abusalomu ibyago.” {AA 515.2}

Hushayi ntiyari yatumiwe muri iyo nama, kandi ntiyashoboraga kuyiyinjizamo atabisabwe kuko iyo agenza atyo yari gukekwa ko ari umutasi. Ariko abari muri iyo nama bamaze kugenda, Abusalomu wagiriraga icyizere gikomeye imitekerereze y’umujyanama wa se, yamubwiye umugambi wa Ahitofeli. Hushayi abona ko uwo mugambi nukurikizwa, ibya Dawidi bizaba birangiye. Byatumye avuga ati: “Inama Ahitofeli yagiye kuri ubu si nziza.” “Kandi ati: ‘Uzi so n’ingabo ze ko ari abanyambaraga, kandi ubu baratse mu mitima yabo nk’idubu yakiwe abana bayo ku gasozi. Kandi uzi so ko ari intwari, ntagomba icumbi mu bantu. None ubu yihishe mu mwobo cyangwa ahandi.” Yakomeje amubwira ko ingabo za Abusalomu nizikurikira Dawidi, zitafata umwami; ndetse ko nihagira bamwe bicwa mu ngabo zabo bizabakura imitima kandi bikangiza cyane imigambi ya Abusalomu. Hushayi yaravuze ati: “Kuko Abisirayeli bose bazi so ko ari umunyambaraga, kandi n’abo bari kumwe ko ari intwari.” Nuko atanga inama yanyura umuntu wese w’umwibone kandi wikunda, ushimishwa no kwerekana ko akomeye ati: “Teranya Abisirayeli bose uhereye i Dani ukageza i Berisheba, bangane n’umusenyi wo mu kibaya cy’inyanja ubwinshi, kandi na we ubwawe uzatabarane na bo. Tuzamurasukiraho aho azaba ari hose, tumutondeho nk’ikime uko gitonda ku isi. Nuko uhereye kuri we ukageza ku bantu bari kumwe na we bose, ntituzasiga n’umwe. Kandi naramuka agiye mu mudugudu, na bwo Abisirayeli bose bazazana imirunga, dukururire uwo mudugudu mu mugezi, kugeza aho hatazabonekayo akabuye na kamwe. {AA 515.3}

“Nuko Abusalomu n’abantu ba Isirayeli bose baravuga bati: ‘Inama ya Hushayi w’Umwaruki iruse inama ya Ahitofeli.’” Ariko hazi umuntu umwe utarashutswe — umuntu wabonye neza mbere y’igihe ingaruka z’iryo futi rikomeye rya Abusalomu. Ahitofeli yamenye ko umugambi w’abo bantu bari bigometse ugiye gupfuba. Kandi yari azi ko uko amaherezo y’uwo muhungu w’umwami yamera kose, uwo mujyanama we wari waramugiriye inama zo gukora ibyaha bikomeye byose nta byiringiro yajyaga kugira. Ahitofeli yari yarashishikarije Abusalomu kwigomeka, yari yaramugiriye inama yo gukora amahano akomeye cyane kugeza ubwo Abusalomu akoza se isoni aryamana n’inshoreke ze; yari yaratanze inama yo kwica Dawidi kandi acura

n’umugambo w’uko bizagenda; yari yarakuyeho uburyo bwose bwari busigaye bwajyaga gutuma yiyunga n’umwami; none Abusalomu yari ahisemo undi muntu. Ahitofeli agira ishyari, ararakara kandi ariheba, maze “[...] arahaguruka ataha iwe mu mudugudu w’iwabo, atunganya inzu ye yiyahuza umugozi arapfa.” Iyo ni yo yabaye ingaruka y’ubwenge bw’umuntu utari ufite Imana ho umujyanama we nubwo yari afite ubuhanga bukomeye. Satani ashuka abantu abaha amasezerano y’ibyiza bazabona, ariko amaherezo bizagaragarira umuntu wese ko “ibihembo by’ibyaha ari aurupfu.” Abaroma 6:23. {AA 515.4}

Hushayi utari uzi ko inama atanze irakurikizwa na Abusalomu, ntiyatindiganyije kuburira Dawidi ngo ahungire hakurya ya Yorodani adatindiganyije. Hushayi yohererezа abatambyi ubutumwa nabo babuha abana babo ngo babushyire Dawidi. Ubutumwa bwaravugaga buti: “Inama Ahitofeli yagiriye Abusalomu n’abatware ba Isirayeli ni iyi, ariko jyeweho namugiriye ntya na ntya. Nuko none [. . .] iri joro nturare ku byambu byo ku butayu, ahubwo ntihagire ikikubuza kwambuka, kugira ngo umwami atamiranwa n’abo bari kumwe bose.” {AA 516.1}

Abo basore batumwe baraketswe kandi barakurikiranwa nyamara bagera ku ntego yabo basohoza ubwo buumwa. Dawidi, wari unaniwe kandi afite agahinda kenshi guhera umunsi wa mbere ahunga, abona ubutumwa bumubwira ko agomba kwambuka Yorodani iryo joro, kuko umuhungu we yibyariye yamuhigaga ngo amwice. {AA 516.2}

Mbese umubyeyi nka Dawidi kandi akaba n’umwami, wari wagiriwe ubugome bukomeye kandi ari mu kaga ko kurimbuka, yari amerewe ate? “Umugabo w’intwari ikomeye,” umuntu wamenyereye intambara, umwami wavugaga ijambo rikaba itegeko, yari yaragambaniwe n’umwana we yakundaga, yari yaratetesheje kandi yari yaragiriye icyizere mu buryo bw’ubupfapfa. Mbese Dawidi wari wahemukiwe kandi agatereranwa n’abagaragu bari barabanye nawe bamwubaha cyane kandi bamuyoboka, ni ayahe magambo yakoresheje avuga akari ku mutima we? Mu gihe cyo kugeragezwa kwe gukomeye cyane, umutima wa Dawidi washikamye ku Mana maze araririmba ati: {AA 516.3}

“Uwiteka, erega abanzi banjye baragwiriye!

Abangomeye ni benshi. Benshi baramvuga bati:

‘Nta gakiza afite ku Mana.’ Ariko wowe, Uwiteka, uri ingabo inkingira,

Uri icyubahiro cyanye, ni wowe ushyira hejuru umutwe wanjye.

Ijwi ryanjye ritakira Uwiteka,

Na we akansubiza ari ku musozi we wera.

Nararyamaga ngasinzira,

Ngakanguka kuko Uwiteka ari we ujya andamira.

Sinzatinya abantu inzovu nyishi,

Bangoteye impande zose kugira ngo bantere. . .

Agakiza kabonerwa mu Uwiteka,

Umugisha utanga ube ku bantu bawe.” {AA 516.4}

Zaburi 3:1-8. {AA 516}

Dawidi n’abantu be bose (ingabo, abatware, abakuru n’abasore, abagore n’abana), bambuka urwo ruzi rw’amazi maremare kandi atemba adasuma mu mwijima w’ijoro. “Umuseke utambika nta n’umwe muri bo wari utarambuka Yorodani.” {AA 517.1}

Dawidi n’ingabo ze basubira i Mahanayimu, hari hasanzwe ari icyicaro cy’ubutegetsi bwa Ishibosheti. Aho hantu hari igihome gikomeye, cyari kigoswe n’akarere k’imisozi miremire aho ingabo zashoboraga kwisuganyiriza mu gihe cy’intambara. Icyo gihugu cyari gifite ibyo kurya byinshi kandi abantu baho bakundaga Dawidi. Abantu benshi baje kwifatanyiriza nawe aho hantu, kandi abakungu baho bamuzanira impano nyinshi z’ibyokurya n’ibindi bintu yari akeneye.

{AA 517.2}

Imana ya Hushayi yari yageze ku ntego ye, ituma Dawidi ashobora guhunga; ariko umuhungu we Abusalomu wari igihubutsi kandi utarashoboraga gutinzwa aherako akurikirana se. “Abusalomu na we yambuka Yorodani ari kumwe n’Abisirayeli.” Abusalomu afata Amasa, umuhungu wa Abigayili mushiki wa Dawidi, amugira umugaba mukuru w’ingabo ze. Ingabo ze zari nyinshi, ariko nta nyifato nziza ya gisirikare zari zifite ndetse nta n’imyitozo ihagije bari barahawe ngo babe bashobora guhangana n’ingabo za se zari zaramenyereye intambara.

{AA 517.3}

Dawidi agabanya ingabo ze mo imitwe itatu iyoborwa na Yowabu, Abishayi, na Itayi w’Umugiti. Dawidi ubwe yari yagambiriye kuyobora ingabo ze ku rugamba; ariko baba abakuru b’ingabo ze, abajyanama na rubanda rwose barwanya icyo cyifuzo cye. Baravuze bati: “Wowe nturi butabare, kuko niduhunga batazatwitaho, ndetse n’ubwo igice cya kabiri cy’abantu bacu cyapfa nabwo ntibatwitaho, kuko uhwanye n’abantu bacu inzovu. Ahubwo ibyarutaho ni uko wakwitegura kudutabara uturutse mu

mudugudu.” 2Samweli 18:3,4.

{AA 517.4}

Abari ku nkike z’i Mahanayimu babonaga neza imirongo miremire y’ingabo zari zaragomeye umwami. Uwari warafashe ubutegetsi ku ngufu yari ashagawe n’ingabo nyinshi cyane, kandi uzigereranyije n’iza Dawidi, iza Dawidi zagerwaga ku mashyi. Ariko ubwo umwami Dawidi yitegerezaga izo ngabo zimuteye, icyamuhangayikishije cyane mu bitekerezo bye ntabwo ari ikamba rya cyami, cyangwa ubuzima bwe byajyaga kurokoka binyuze mu ntambara. Umutima wa Dawidi wuzuwe n’urukundo kandi agirira impuhwe umuhungu we wari warigometse. Ubwo abasirikare basohokaga ku mirongo yabo mu marembo y’uwo murwa, Dawidi yakomeje ingabo ze ziringirwa, azibwira yuko bakwiriye kugenda bizeye ko Imana ya Isiraheli izabaha gutsinda. Ariko n’ubwo ntiyashoboraga kwikuramo urukundo yakundaga Abusalomu. Ubwo Yowabu (wari uyoboye umutwe wa mbere) yanyuraga aho umwami yari ahagaze, uwo mugaba w’ingabo wari waragiye anesha ku rugamba inshuro nyinshi cyane, yicisha bugufi kugira ngo yumve ubutumwa buheruka bw’umwami, maze umwami aramubwirana ikiniga ati: “Ku bwanjye murangenzereze neza uwo muhungu Abusalomu.” Ariko ibyo umwami yasabye byasaga n’ibigaragaza ko akunze Abusalomu kurusha ubwami bwe, ndetse ko amurutishije abagaragu bamunambyeho, ibyo bituma ingabo zirushaho kwanga uwo muhungu we w’indakoreka. {AA 517.5}

Urugamba rwajyaga kubera mu ishyamba ryari hafi y’uruzi rwa Yorodani, hakaba hari ahantu hatamereye neza benshi cyane mu ngabo cyane za Abusalomu. Abasirikare benshi batari bafite imyitozo ihagije bo mu ngabo za Abusalomu bageze mu bihuru no mu bishanga byo mu ishyamba, baravurungana maze kubayobora birananirana. Nuko “Abisiraheli bahanesherezwa n’abagaragu ba Dawidi; maze uwo munsi hapfa abantu ibihumbi makumyabiri.” Abusalomu abonye yuko uwo munsi baneshejwe, arahindukira ngo ahunge maze umutwe we ufatwa mu mashami y’igiti kinini gifite amashami menshi inyumbu ye irikomereza imunyura hasi, asigara amanitswe kirengera, ategereje ko abanzi be baza bakamwica. Aho yari amanitswe abonwa n’umusirikare, ntiyamwica kubwo gutinya kubabaza umwami, ahubwo ajya kubwira Yowabu ibyo abonye. Yowabu ntiyagira igitekerezo cyo kumubabarira. Yari yaracuditse na Abusalomu, kuko yamwunze na Dawidi kabiri kose, ariko icyizere yari yaramugiriye agihindura ubusa. Nyamara urebye amahirwe Abusalomu yari yaragize binyuze mu kuvuganirwa na Yowabu, uku kwigomeka n’amahano kwazanye ntikwagombye kuba kwarabayeho. Noneho byari mu bushobozi bwa Yowabu gutikura rimwe gusa akica nyirabayazana w’ibyo bibi byose. “Ajyana imyambi itatu, ayitikura Abusalomu mu mutima . . . Nuko bajyana Abusalomu bamujugunya mu bushya bunini bwo mu ijuri, bamurundaho ikirundo cy’amabuye kinini cyane.” {AA 517.6}

Uko ni ko abantu bateraga ukwigomeka mu Bisirayeli bashize. Ahitofeli yariyahuye. Abusalomu, umwana w'umwami, wari ufite uburanga Abisiraheli bose batangariraga yicwa akiri muto, intumbi ye bayijugunya mu bushya bunini bamurundaho ikirundo cy'amabuye, kiba urwibutso ruhoraho rw'umugayo. Abusalomu akiriho, yari yariyubakiye inkingi nini mu gikombe cy'umwami, ariko urwibitso rwonyine rwaranze igituro cye rwabaye icyo kirundo cy'amabuye mu butayu. {AA 518.1}

Umuyobozi w'ubwo bwigomeke amaze kwicwa, Yowabu yayavugije ikondera maze ahamagara ingabo ze ngo zireke gukurikira ingabo zahungaga kandi uwo mwanya bohereza intumwa ebyiri zijya kubikira umwami. {AA 518.2}

Umurinzi wari ku nkike z'umurwa yerekeje amaso aho urugamba rwaberaga, abona umuntu uri kuza yiruka ari wenyine. Bidatinze abona undi. Ubwo ya ntumwa ya mbere yageraga hafi, wa murinzi abwira umwami wari utegerereje iruhande rw'umuryango w'inkike ati: "Ngira ngo imyirukire y'uw'imbere isa n'iya Ahimasi mwene Sadoki. Umwami aravuga ati: 'Ni umugabo mwiza kandi azanye inkuru nziza.' Ahimasi ashyira ejuru abwira umwami ati: 'Byose byabaye byiza.' Nuko yikubita hasi imbere y'umwami yubamye, aravuga ati: 'Uwiteka Imana yawe ihimbazwe, yakugabije abantu bari bahagurukije amaboko yabo ku mwami databuja.'" Umwami amubazanyije ubwira ati: "Wa muhungu Abusalomu ni amahoro?" Ahimazi amusubiza igisubizo kitahuranyije. {AA 518.3}

Intumwa ya kabiri yo yaje ivuga cyane iti: "Ndi kabarankuru z'umwami z'umwami databuja, kuko uyu munsi Uwiteka yaguhoreye inzigo kuri ba banzi baguhagurukiye bose." Na none umubyeyi Dawidi yongera kubaza ati: "Wa muhungu Abusalomu ni amahoro?" Ya mbitsi inanirwa guhisha iyo nkuru ibabaje maze iramusubiza iti: "Abanzi b'umwami databuja, n'abantu bose bahagurukiye kukugirira nabi, barakaba uko uwo muhungu yabaye." Ibyo byari bihagije. Dawidi ntiyongera kugira icyo abaza, ariko yubika umutwe "[. . .] yurira mu nzu yo hejuru y'irembo arira. Nuko akigenda, agenda avuga atya ati: 'Ye baba we, mwana wanjye Abusalomu we! Mwana wanjye, mwana wanjye Abusalomu we! Iyaba ari jye wapfuye mu cyimbo cyawe, Abusalomu mwana wanjye, mwana wanjye." {AA 518.4}

Izo ngabo zari zimaze kunesha ziza zigana umurwa, ikobe ryabo ryo kunesha rikwira mu misozi hose. Ariko binjiye mu marembo y'umurwa ntibasubira kwiyamirira, amabendera yabo barayamanura, maze bakomeza bubitse imitwe bameze nk'abatsinzwe aho kuba bari batsinze. Umwami ntiyari abategereje ngo abasanganire, ahubwo umuborogo we ari mu cyumba cyo hejuru y'amarembo wumvikanaga agira ati: "Ye baba we mwana wanye Abusalomu, mwana wanjye; mwana wanjye Abusalomu we; iyaba ari jye wapfuye mu cyimbo cyawe! Abusalomu mwana wanjye, mwana wanjye!" {AA 518.5}

“Uwo munsi impundu zihinduka induru mu bantu bose, kuko bari bumvise bavuga ngo umwami yibabarijwe n’umwana we. Uwo munsi abantu basubira mu mudugudu babebera, nk’abantu bahunze mu ntambara, babebera bafite isoni.” {AA 519.1}

Ibyo birakaza Yowabu. Imana yari yabahaye kunesha no kwishima; kwigomeka gukomeye kutari kwarigeze kuboneka muri Isiraheli kwari gutsembwe; none uko kunesha gukomeye kwari guhinduwemo kuborogera uwari warakoze icyaha cyicishije intwari ibihumbi n’ibihumbi. Uwo mutware w’ingabo utaragiraga ubwoba n’ikinyabupfura aratanya asanga umwami maze amubwira akomeje ati: “Uyu munsi wateye amaso y’abagaragu bawe ipfunwe: bakijije ubugingo bwawe ubu n’ubw’abahungu bawe n’abakobwa bawe; . . . kandi ukunda abakwanga, ukanga abagukunda. None weruye ko ibikomangoma n’abagaragu bawe ko ari nk’ubusa kuri wowe, ubu menye ko, iyaba Abusalomu yabaye muzima tukaba ari twe twapfuye twese uyu munsi, uba wabyishimiye cyane. Nuko none haguruka usohoke, uvugane n’abagaragu bawe uhumurize imitima yabo. Ndahiye Uwiteka, nudasohoka, nta mugabo n’umwe uri busigarane iri joro. Kandi ibyo bizakumerera nabi kuruta ibyago wakabonye byose, uhereye mu buto bwawe, ukageza ubu.” {AA 519.2}

Nubwo uko gucyaha umwami washengurwaga n’intimwa kwarimo uburakari n’umujinya, Dawidi ntiyakwanze. Abonye yuko umugaba w’ingabo ze avuga ukuri, yaramanutse ajya ku irembo ry’umurwa, maze uko abasirikare be b’intwari bamunyuraga imbere, akabaramutsa ababwira amagambo yo kubatera ubutwari no kubashimira. {AA 519.3

IGICE CYA 73 - IMYAKA IHERUKA YA DAWIDI

Gukurwaho kwa Abusalomu ntikwahise guhesha ubutegetsi amahoro. Hari umugabane munini cyane w'igihugu wifatanyije mu bwigomeke ku buryo Dawidi atajyaga kugaruka mu murwa ngo atangire gutegeka adahamagawe n'imiryango yose. Mu kayubi kakurikiye gutsindwa kwa Abusalomu nta mwanzuro wihutirwa wafashwe wo kugarura umwami, ariko amaherezo igihe Ubuyuda bwiyemezaga kugarura Dawidi, iyindi miryango yagize ishyari maze hakurikiraho gushaka kongera guhirika ubutegetsi. Nyamara uko kwivumbagatanya kwahereye ko guhagarikwa maze amahoro agaruka muri Isiraheli. {AA 520.1}

Amateka ya Dawidi atanga kimwe mu bihamya bikomeye byigeze bibaho bigaragaza akaga umuntu agira gaturutse ku butegetsi, ubukungu n'icyubahiro cy'isi. Ibi kandi ni byo bintu bikomeye cyane abantu bifuza. Abantu bake cyane ni bo banyuze mu mibereho ibategurira neza kwihanganira ikigeragezo nk'iki. Imibereho ya Dawidi akiri muto, yari igizwe n'ibyigisho byo kwicisha bugufi, kwihanganira imirimo, kwita ku mikumbi ye ayifitiye impuhwe; umushyikirano yagiranaga n'ibyaremwe ubwo yabaga ari wenyine mu misozi, gukuza ubwenge mu byerekeye gucuranga n'ubusizi ndetse no kwerekeza ibitekerezo bye ku Muremyi; kwitonda cyane yatojwe n'imibereho ye yo mu butayu, kugira ubutwari, kwihangana ndetse no kwizera Imana, ibyo byose byari byarateganyijwe n'Uwiteka kugira ngo bizamutegurire kuba umwami wa Isiraheli. Dawidi yari yaranejejwe n'ibyiza byamubayeho biva ku rukundo rw'Imana, kandi yari yarakungahajwe kuri Mwuka wayo. Mu byabaye kuri Swuli, Dawidi yari yarabibonyemo ko ubwenge bw'umuntu buntu ari ubusa gusa. Ariko kandi gukomera mu isi n'icyubahiro byacogoje imico ya Dawidi cyane bituma atsindwa n'umushukanyi kenshi. {AA 520.2}

Kubana n'abapagani byateye icyifuzo cyo gukurikiza imigenzo yabo kandi bikongeza no kurarikira gukomera by'isi. Abisiraheli, ubwoko bw'Uwiteka, bagombaga kubahwa; ariko ubwo ubwibine no kwiyemera byiyongeraga, Abisiraheli ntibari bakinezezwa n'iryo kuzo bari barahawe, ahubwo bita ku ikuzo ryabo hagati y'andi mahanga. Uwo mwuka ntiwari kubura kubateza ibishuko. Dawidi agambiriye kwigarurira andi mahanga, yiyemeje kongera ingabo ze maze asaba ko umuntu wese ufite imyaka y'ubukuru ikwiriye yinjira mu bya gisirikare. Kugira ngo ibyo abigereho, byabaye ngombwa ko habaho ibarura ry'abaturage. Ubwibone no kurarikira ni byo byatumye habaho icyo gikorwa cy'umwami. Iryo barura ryajyaga kwerekana itandukaniro ryariho hagati y'imbaraga nke igihugu cyari gifite ubwo Dawidi yajyaga ku butegetsi n'imbaraga zacyo n'amajyambere yacyo ari we ukiyobora. Ibyo byari kurushaho gushimangira ukwiyemera kwari gusanzwe haba ku mwami ndetse na rubanda. Ibyanditswe byera bivuga biti: "Satani ahagurukira Abisirayeli, yoshya Dawidi kubara

Abisirayeli.” Kugubwa neza kw’Abisiraheli igihe bayoborwaga na Dawidi kwari kwarakomotse ku migisha y’Imana aho kuba ku bushobozi bw’umwami cyangwa gukomera kw’ingabo ze. Ariko kongera ingabo z’igihugu byajyaga kwereka amahanga yari abakikije ko Abisiraheli biringiraga ingabo zabo, aho kwiringira ubushobozi bw’Uwiteka. {AA 520.3}

Nubwo Abisiraheli baterwaga ishema no gukomera kw’ishyanga ryabo, ntabwo banejejwe n’umugambi wa Dawidi wo kongera ingabo bikomeye. Uko kwiyandikisha kwari kwasabwe kwateye kwinuba cyane; noneho babona yuko ari ngombwa gukoresha abatware b’ingabo mu cyimbo cy’abatambyi n’abacamanza bari barakoze ibarura mu gihe cyashize. Umugambi w’icyo gikorwa wari unyuranyije rwose n’amahame y’ubuyobozi bushingiye ku butegetsi bw’Imana. Ndetse na Yowabu yagaragaje ko atabishyigikiye nk’uko yajyaga abigenza. Yaravuze ati: “Uwiteka nagwize abantu be barute umubare wari usanzwe incuro ijana. Ariko nyagasani mwami, bose si abagaragu ba databuja? None databuja ubishakiye iki? Ni iki gituma ushyirisha Abisirayeli ho urubanza? Ariko ijambo ry’umwami riganza irya Yowabu. Nuko Yowabu aragenda, agenda igihugu cya Isiraheli cyose maze asubira i Yerusalemu.” (1Ngoma 21:3,4). {AA 521.1}

Igihe umutima wa Dawidi wamwemezaga icyaha cye, ibarura ryari ritararangira. Noneho yicira urubanza, abwira Imana ati: “Ndacumuye cyane kuko nakoze ibyo, ariko noneho ndakwinginze, kuraho gukiranirwa k’umugaragu wawe, kuko nakoze iby’ubupfu bwinshi.” Bukeye bwaho, umuhanuzi Gadi azanira Dawidi ubutumwa agira ati: “Uwiteka avuze ngo: ‘Hitamo icyo ushaka ari uguterwa n’inzara imyaka itatu, cyangwa kumarwaho n’ababisha bawe amezi atatu inkota zabo zikugereho, cyangwa se inkota y’Uwiteka iminsi itatu, ni yo mugiga yatera mu gihugu, na marayika w’Uwiteka akarimbura mu gihugu cya Isirayeli cyose.” Umuhanuzi arongera aravuga ati: “Nuko rero tekereza umbwire uko nsubiza uwantumye.” {AA 521.2}

Umwami yarasubije ati: “Ndashobewe rwose. Reka nigwire mu maboko y’Imana kuko imbabazi zayo ari nyinshi cyane, ne kugwa mu maboko y’abantu.” {AA 521.3}

Igihugu gitezwa mugiga maze yica Abisiraheli ibihumbi mirongo irindwi. Icyo cyago cyari kitarinjira mu murwa mukuru maze “Dawidi yubura amaso, abona marayika w’Uwiteka ahagaze hagati y’isi n’ijuru, afite inkota mu ntoke ze ayerekeje i Yerusalemu. Dawidi n’abakuru bari bambaye ibigunira, bagwa hasi bubamye.” Umwami yinginga Imana asabira Abisiraheli avuga ati: “Mbese si jye wategetse ko abantu babarwa? Ni jye wacumuye ngakora iby’ubugoryi bwinshi, ariko izi ntama zo zacumuye iki? {AA 521.4}

Ndakwinginze Uwiteka Mana yanjye, ukuboko kwawe kube ari jye kwerekeraho n’inzu ya data, ariko si ku bantu bawe ngo baterwe na mugiga.” {AA 521.5}

Ibarura ryari ryarateye abantu kutishimira ubutegetsi; nyamara nabo ubwabo bari bari barakoze ibyaha nk'ibyo byatumye Dawidi akora icyo gikorwa. Nk'uko Uwiteka yahannye Dawidi binyuze mu kugoma kwa Abusalomu, ni na ko yahaniye Abisiraheli ibyaha byabo biciye mu ifuti rya Dawidi. {AA 521.6}

Marayika murimbuzi yari yahagaze hanze ya Yerusalemu. Yari ahagaze ku musozi Moriya, "[...] ku mbuga ya Orunani w'Umuyebusi." Dawidi ajya kuri uwo musozi ayobowe n'umuhanuzi, maze ahubakira Uwiteka igicaniro "atamba ibitambo byoswa n'ibitambo by'ishimwe yuko bari amahoro, yambaza Uwiteka. Uwiteka amusubirisha umuriro uva mu ijuru, ujya ku gicaniro cy'igitambo cyoswa." "Nuko Uwiteka abona guhendahenderwa igihugu; mugiga ishira mu Bisirayeli." {AA 521.7}

Ahubatswe igicaniro, guhera icyo gihe haba ahantu hera, umwami yanga kuhahabwa na Orunani nk'impano ahubwo arahagura. Umwami yaravuze ati: "Oya, ahubwo ndabigura nawe rwose, ntange igiciro cyabyo cyose kuko ntashaka kwenda ibyawe ngo mbiture Uwiteka, kandi sinatamba igitambo cyoswa ntagitanzeho ibyanjye. Nuko Dawidi agura na Orunani ikibanza izahabu, kuremera kwazo kwari shekeli magana atandatu ." Aho hantu hikubirwaho kuba ari ho Aburahamu yari yarubatse igicaniro cyo gutambiraho umuhungu we, kandi ni ho nyuma hemejwe ngo hubakwe ingoro yubatswe na Salomo. {AA 521.8}

Nanone ikindi gicu cyagombaga kubudika mu myaka iheruka ya Dawidi. Dawidi yari amaze imyaka mirongo irindwi y' amavuko. Umuruho n'ibyago byose yagiye agira mu ruzerero rwe akiri muto, intambara nyinshi yarwanye, ibyamuhangayikishije n'imibabaro yanyuzemo, byari byaramumazemo imbaraga. Nubwo ubwenge bwe bwari bugisobanukirwa neza kandi bufite imbaraga, intege nke no gusaza hamwe n'icyifuzo cyo kuruhuka, byatumye atamenya vuba ibibera mu gihugu, maze na none ubwigomeke bwongera kuvuka i bwami. Na none, hongeye kugaragara ibuto yo gutetesha kwa Dawidi nk'umubyeyi. Uwari urarikiye kwicara ku ntege y'ubwami noneho yari Adoniya, "umuntu w'uburanga cyane" mu gihagararo, ariko nta bitekerezo bihamye yagiraga kandi nta cyo yitagaho. Akiri muto yagize gucyahwa guke "se nta bwo yigeze kumucyaha byatuma arakara ati: 'Ibyo wabitewe n'iki?" Noneho yigomeka ku butegetsi bw'Imana yari yaratoranyije Salomo ngo abe umwami. Haba mu bwenge n'impano karemano ndetse n'imico yo kuyoboka Imana, Salomo yarushaga mukuru we kuzuza ibyangombwa byatuma aba umwami w'Abisiraheli; nyamara nubwo uwo Imana yari yarahisemo yari yarekanywe neza, Adoniya ntiyabuze abamushyigikira. Nubwo Yowabu yari yarakoze ibyaha byinshi, kugeza icyo gihe yari yarabaye indahemuka ku mwami; ariko noneho yifatanyije n'abagambanira Salomo, we na Abiyatari wari umutambyi. {AA 522.1}

Umugambi wo kwigomeka wari wuzuye. Abagambanyi bari bateraniye mu munsi

mukuru hanze y’umurwa bagira ngo bimike Adoniya, ariko imigambi yabo iburizwamo n’igikorwa cyabaye kidatindiganyije cya bamwe mu bari indahemuka ku mwami bari bayobowe na Sadoki umutambyi, umuhanuzi Natani, na Betisheba nyina wa Salomo. Babwira umwami uko ibintu bimeze, banamwibutsa yuko Imana ari yo yahisemo Salomo ngo azamusimbure ku ntebe y’ubwami. Dawidi aherako aregura kugira ngo Salomo yimikwe, maze bahita basuka amavuta kuri Salomo bamamaza ko abaye umwami. Bwa bugambanyi bwari bwakozwe burapfa. Abari babuyoboye bari bikururiye igihano cyo gupfa. Ubugingo bwa Abiyatari ntibwakuweho kuko bubashye umurimo yakoraga n’uko yakoreye Dawidi neza; ariko yakuwe ku murimo w’umutambyi mukuru maze uhabwa ab’umuryango wa Sadoki. Yowabu na Adoniya na bo babaye baretse kubica, ariko Dawidi amaze gupfa bahanirwa icyaha cyabo. Gushyira mu bikorwa urubanza bari baciriye umuhungu wa Dawidi byujuje igihano yagombaga guhabwa incuro enye bigaragaza uburyo Imana yazinuwe n’icyaha cya se. {AA 522.2}

Dawidi akijya ku ngoma, umwe mu migambi ikomeye yari agambiriye wari kuzubakira Uwiteka ingoro. Nubwo atemerewe gushyira uwo mugambi mu bikorwa, yari yaragaragaje umwete n’ishyaka muri byo. Yari yaratanze ibikoresho bihenda cyane - izahabu, ifeza, amabuye arabagirana ya shohamu, n’amabuye y’amabara menshi, marubure n’ibiti by’igiciro cyinshi. None ubwo butunzi bw’agaciro kenshi yari yararundanyije bwagombaga kuragizwa abandi; kubera ko andi maboko ari yo yagombaga kubakira isanduku y’Imana inzu, ari yo kimenyetso cy’uko Imana iri kumwe na bo.

{AA 522.3}

Umwami abonye ko agiye gutanga, atumiza ibikomangoma byo mu Bisiraheli n’intumwa zihagarariye abandi zivuye mu gihugu cyose kugira ngo abamenyeshe iby’uwo murage ku mugaragaro. Yashakaga kubabwira amagambo ye yo kuraga kandi ashaka kubasaba gufatanya no gushyigikira umurimo ukomeye wagombaga gukorwa. Kubera ko yari afite intege nke z’umubiri, abantu ntibari biteze ko ubwe azashobora kuboneka muri iryo hererekanyabubasha. Ariko Mwuka w’Imana amuzaho, maze agira imbaraga zo kuvugana n’abantu be ubuheruka. Yababwiye icyifuzo cye cyo kubaka ingoro, kandi ababwira n’iby’itegeko Imana yatanze yuko uwo murimo ukwiriye guhabwa umuhungu we Salomo. Imana yari yaravuze iti: “Umuhungu wawe Salomo ni we uzubaka inzu yanjye n’ibikari byanjye, kuko namutoranyije ngo abe umwana wanjye, nanjye mbe se. Kandi nzakomeza ubwami bwe iteka, nagira umwete wo kwitondera amategeko n’amateka byanjye nk’uko ameze kuri ubu.” Dawidi aravuga ati: “Nuko rero imbere y’Abisirayeli bose ari ryo teraniro ry’Uwiteka, kandi imbere y’Imana yacu yumva, mwitondere amategeko yose y’Uwiteka Imana yanyu muyamenye, mubone gutwara iki gihugu cyiza, mukazakiraga abana banyu bazabazungura, kibe gakondo yabo iteka ryose.” {AA 523.1}

Kubera ibyo yari yaranyuzemo, Dawidi yari yarabonye uko inzira y’umuntu utandukana n’Uwiteka imukomerera. Yari yarumvise uko kwica amategeko bicira umuntu ho iteka, kandi yari yarasaruye imbuto zo gucumura; ndetse yari ahagaritswe umutima cyane n’uko abayobozi b’Abisiraheli bakwiriye kuba indahemuka ku Mana kandi na Salomo akumvira amategeko y’Imana, akirinda ibyaha byacaga intege ubutegetsi bwa se, bikamutezaga akaga mu buzima bwe, kandi bigasuzuguza Imana. Dawidi yari azi ko bizasaba Salomo kwicisha bugufi mu mutima, guhora yiringiye Imana, ndetse no kuba maso ubudasiba kugira atsinde ibishuko bitari kuzabura kumwibasira ari umwami kuko umwanya w’icyubahiro nk’uwo ari yo Satani arasaho imyambi ye mu buryo bwihariye. Dawidi arahindukira areba umuhungu we Salomo wari umaze kumenyekana ko amusimbuye maze aramubwira ati: “Nawe Salomo mwana wanjye, umenye Imana ya so, ujye uyikorera n’umutima utunganye kandi ukunze, kuko Uwiteka agenzura imitima yose, akamenya ibyo imitima yibwira byose, numushaka uzamubona, ariko numureka azaguca iteka ryose. Nuko wirinde, kuko Uwiteka ari wowe yatoranyije kubakira inzu ubuturo bwera, shyiraho imbaraga ubikore.” {AA 523.2}

Dawidi aha Salomo amabwiriza asobanutse y’uburyo azubaka ingoro y’Imana, amubwira ibigize ibice byayo byose, kandi amubwira ibizakoreshwa byose nk’uko yari yarabihishuriwe n’Imana. Salomo yari akiri muto maze atinya iyo nshingano ikomeye yari ahawe yo kubaka ingoro y’Imana no kuyobora abantu bayo. Dawidi abwira umuhungu we ati: “Komera ushikame uzabikore, ntutinye kandi ntukuke umutima, kuko Uwiteka Imana ari yo Mana yanjye izabana na we. Ntizagusiga, ntizaguhana.” {AA 523.3}

Na none Dawidi arongera abwira iteraniro ryose ati: “Umuhungu wanjye Salomo, uwo Imana itoranyije wenyine, aracyari umwana ntarakomeza intege kandi umurimo urakomeye, kuko iyo nzu y’inyumba itazaba iy’abantu, ahubwo izaba iy’Uwiteka Imana.” Aravuga ati: “Jyewe niteguye inzu y’Imana yanjye uko nshoboye kose” maze akomeza gutondagura ibikoresho yari yarakusanyije. Hejuru y’ibyo yongeraho ati: “Kandi rero kubw’urukundo nkunze inzu y’Imana yanjye, kuko mfite ubutunzi bwanjye bwite bw’izahabu n’ifeza, mbuhaye inzu y’Imana yanjye busage kubyo natunganirije inzu yera byose, n’italanto n’izahabu za Ofiri ibihumbi bitatu, n’italanto z’ifeza itunganijwe ibihumbi birindwi zo gutera ku nsika z’amazu.” Hanyuma abaza imbaga y’abantu bari bateraniye aho bari bazanye amaturo yabo n’umutima ukunze ati: “Nuko nero uyu munsi ni nde wemeye kwitanga ku Uwiteka?” {AA 523.4}

Maze ya mbaga y’abantu isubizanya ubwuzu n’umurava. « Maze abatware b’amazu ya ba sekuruza n’abatware b’imiryango ya Isirayeli, n’abatware batwara ibihumbi n’abatwara amagana, n’abatware b’imirimo y’umwami batangana umutima ukunze. » «Batanga toni ijana na mirono irindwi z’izahabu z’izahabu, n’ibikoroto ibihumbi icumi by’izahabu, na toni zisaga magana atatu z’ifeza, na toni zigera kuri magana atandatu

z’umuringa, na toni zisaga ibihumbi bitatu z’icyuma kugira ngo bikoreshwe imirimo yo ku Ngoro y’Imana . . . Abantu bishimira izo mpano batanganye ubwuzu. Koko rero bazituye Uhoraho bafite umutima utunganye. Umwami Dawidi arabyishimira cyane. » 1Amateka 29 :6-9.(Bibiliya Ijambo ry’Imana). {AA 524.1}

“Ni cyo cyatumye Dawidi ashimira Uwiteka imbere y’iteraniro ryose, aravuga ati: ‘Uwiteka Mana ya sogokuruza wacu Isirayeli, uhimbazwe iteka ryose. Uwiteka, gukomera n’imbaraga n’icyubahiro no kunesha n’igitinyiro ni ibyawe, kuko ibiri mu ijuru n’ibiri mu isi ari ibyawe. Ubwami ni ubwawe Uwiteka, ushyizwe hejuru ngo ube usumba byose.Ubutunzi n’icyubahiro ni wowe biturukaho kandi ni wowe utegeka byose. Mu kuboko kwawe harimo ububasha n’imbaraga, kandi kogeza no guhesha bose imbaraga biri mu butware bwawe. Nuko rero Mana yacu, turagushima dusingiza izina ryawe ry’icyubahiro. Ariko nkanjye ndi nde n’abantu banjye, byatuma dushobora gutura tubikunze dutyo rwose, kuko byose ari wowe biturukaho, kandi ibyawe akaba ari byo tuguhayeho? Kuko turi abashyitsi imbere yawe, n’abasuhuke nk’uko ba sogokuruza bacu bose bari bari, iminsi yacu tumara mu isi ihwanye n’igicucu, nta byiringiro byo kurama. Uwiteka Mana yacu, ibi bintu byose byiteguye kubakira izina ryawe ryera inzu, bituruka mu kuboko kwawe kandi byose ni ibyawe. Kandi Mana yanjye nzi yuko ugerageza umutima, ukishimira gutungana. {AA 524.2}

« Nanjye ntuye ibi bintu byose n’umutima ukunze kandi utunganye, kandi ubu mbonye abantu bawe bari hano bagutura n’imitima ikunze, biranezeza. Uwiteka Mana ya Aburahamu, Mana ya Isaka, Mana ya Isirayeli ba sokuruza bacu, ibyo ujye ubikomeza mu bitekerezo abantu bawe bagira mu mitima yabo, utunganye imitima yabo ikwerekereho. Kandi umuhungu wanjye Salomo, umuhe umutima utunganye wo kwitondera amategeko yawe n’ibyo wahamije n’amateka yawe, kandi akore ibyo byose, yubake n’inzu y’inyumba niteguniye kuyubaka.” «Dawidi aherako abwira iteraniro ryose ati : ‘Ubu nimuhimbaze Uwiteka Imana yanyu.’ Nuko iteraniro ryose rihimbaza Uwiteka Imana ya ba sekuruza, bubika imitwe baramya Uwiteka.» {AA 524.3}

Umwami yari yarateranyije ibikoresho by’agaciro gakomeye byo kubakisha no kurimbisha Ingoro abyitayeho cyane. Yari yarahimbye n’indirimbo z’agahozo zo kuzajya ziharirimbirwa maze amajwi akumvikanira mu bikari byarwo mu myaka yari kuzakurikiraho. Noneho umutima we wari unezerewe Imana ubwo abatware b’imiryango n’abatware b’Abisiraheli bitabiraga cyane ibyo yari abasabye, maze bakitangira gukora umurimo w’ingenzi wari imbere yabo. Kandi ubwo batangaga ibyabo, bari baniteguye gukora ibiruseho. Batanganye ubwuzu amaturo aba menshi cyane, batanga ku mutungo wabo bwite bashyira mu bubiko. Dawidi yari yiyumvisemo rwose uko adakwiriye kurundanya ibikoresho by’inzu y’Imana, maze uko abakomeye bo mu bwami bwe bagaragaje ko ari indahemuka bakitabira icyo yari asabye bityo bagatangana imitima ikunze bakegurira ubutunzi bwabo Uwiteka ndetse nabo ubwabo

bakiyemeza gukora umurimo we, ibyo byashimishije Dawidi cyane. Ariko Imana ubwayo ni yo yari yahaye ubwoko bwayo uwo mutima. Yo yonyine ni yo ikwiriye guhabwa ikuzo, si umuntu. Imana ni yo yari yarahaye abantu ubutunzi bwo ku isi, kandi Mwuka wayo ni we watumye abantu batangana umutima ukunze bakazana ibintu byabo by'agaciro ngo bikoreshwe ku Ngoro y'Imana. Byose byari byakomotse ku Uwiteka. Iyo urukundo rwe rudakangura imitima y'abantu, umwete umwami yari yakoresheje wari kuba imfabusa n'Ingoro y'Imana ntiyajyaga kuzigera yubakwa. {AA 524.4}

Ibintu byose umuntu abona biva mu buntu bw'Imana biba bikiri iby'Imana. Ibintu byose by'agaciro kandi byiza Imana yashyize mu isi biri mu biganza by'abantu kugira ngo babigeragereshwe, kugira ngo bagaragaze ukwimbika k'urukundo bakunda Imana ndetse n'uko banyuzwe n'ineza yayo. Byaba ubutunzi bw'ibifatika cyangwa ubw'ubwenge, bigomba gutangwa ari ituro ry'ubushake bigashyirwa ku birenge bya Yesu, maze muri icyo gihe ubitanze agafatanya na Dawidi kuvuga ati: "Kuko byose ari wowe biturukaho, kandi ibyawe akaba ari byo tuguhayeho." {AA 525.1}

Igihe Dawidi yumvaga ari hafi gutanga, yari agifite umutwaro umushengura mu mutima w'ibya Salomo n'iby'ubwami bwa Isiraheli. Kugubwa neza k'ubu bwami kwagombaga kuba gushingiye cyane cyane ku gukiranuka k'umwami. Nuko "yihanangiriza umuhungu we Salomo aramubwira ati: 'Ubu ndagiye nk'uko ab'isi bose bagenda. Nuko komera ugaragaze ko uri umugabo. Ujye wumvira ibyo Uwiteka Imana yawe yakwihanangirije: ni ko kugendera mu nzira zayo, ukitondera amategeko yayo n'ibyo yategetse, n'amateka n'ibyo yahamije, ... kugira ago ubashishwe ibyo uzakora byose, aho uzagana hose, kugira ngo Uwiteka azakomeze ijambo rye yamvuzeho ati: 'Abana bawe nibirindira mu ngeso zabo nziza, bakagendera inbere yanjye mu by'ukuri n'imitima yabo yose n'ubugingo bwabo bwose, ntuzabura uzungura ingoma ya Isirayeli.' Uko ni ko Imana yavuze." 1 Abami 2:1 - 4. {AA 525.2}

Amagambo aheruka Dawidi yavuze, yanditswe ari indirimbo yuzuyemo ibyiringiro, amahame atagereranywa ndetse no kwizera kudacogora: {AA 525.3}

"Dawidi mwene Yesayi washyizwe ejuru aravuga ati:

Uwo Imana ya Yakobo yimikishije amavuta,

Umuhimbyi w'igikundiro wa zaburi ya Isirayeli.

Umwuka w'Uwiteka yavugiye muri jye, . . .

Utegekesha abantu gukiranuka,

Agatwara yubaha Imana,

Azahwana n’umuseke utambitse w’izuba rirashe,

N’igitondo kitagira igicu,

Igihe ubwatsi bushya bwarukiye mu butaka,

Kubw’itangaze ry’umuhituko w’imvura.

Ni koko, inzu yanjye ntimeze ityo ku Mana,

Nyamara yasezeranye nanjye isezerao ritazakuka, Ritunganye muri byose kandi rikomeye,

Kuko ari yo gakiza kanjye rwose,

Kandi ririmo ibyo nifuza byose, nubwo itabikuza.” {AA 525.4}

2Samweli 23:1-5. {AA 526}

Dawidi yari yaracumuye bikomeye, ariko yihannye ibyaha bye abikuye ku mutima, yagiraga urukundo rwinshi no kwizera gukomeye. Yari yarababariwe byinshi, bityo nawe akunda cyane. Luka 7:48. {AA 526.1}

Indirimbo za zaburi Dawidi yahimbye zivuga ku biba mu mibereho yose, uhereye mu ntango y’icyaha no kwicira urubanza ukagera ku rugero rwo hejuru cyane rwo kwizera ndetse no gusabana n’Imana bikomeye. Igitekerezo cy’imibereho ye kigaragaza ko nta kandi kamaro k’icyaha uretse gukoza umuntu isoni no kumuteza ibyago, ariko kikagaragaza na none ko urukundo rw’Imana n’imbabazi zayo bishobora kugera aho ari ho hose, ko kwizera ari ko kuzazahura umuntu wihana agasangira n’abandi ibyiza byo guhindurwa abana b’Imana. {AA 526.2}

Umuntu “avuka ameze nk’ururabyo, maze agacibwa, ahita nk’igicucu kandi ntarame,” “ariko Ijambo ry’Imana yacu rizahoraho iteka ryose.” “Ariko imbabazi Uwiteka agirira abamwubaha, zahereye kera kose zizageza iteka ryose, gukiranuka kwe kugera ku buzukuru babo. Ni koko agirira abitondera isezerano rye, bakibuka amategeko ye bakayakomeza.” Yobu 14:2; Yesaya 40:8; Zaburi 103:17,18. {AA 526.3}

“Icyo Imana ikora cyose kizahoraho iteka ryose.” Umubwiriza 3:14. {AA 526.4}

Dawidi n’ab’umuryango we bahawe amasezerano y’agahozo, amasezerano ageza ku bihe bizahoraho, kandi asohorera bishyitse muri Kristo. Uwiteka aravuga ati: {AA 526.5}

“Narahiye Dawidi umugaragu wanjye . . . Ikiganza cyanjye kizajya kibana na we, ukuboko kwanjye kuzamukomeza. . . . Ariko umurava wanjye n’imbabazi zanjye bizabana na we, kandi izina ryanjye rizashyirisha hejuru ihembe rye. Nzashyira inyanja

mu ntoki ze, n’inzuzi mu kuboko kwe kw’iburyo. Azantakora ati: ‘Ni wowe Data, Imana yanjye, igitare cy’agakiza kanjye.’ Kandi nzamuhindura imfura yanjye, asumbe abandi bami bo mu isi. Nzamubikira imbabazi zanjye iteka ryose, isezerano ryanjye rizakomera kuri we.” Zaburi 89:3-28. {AA 526.6}

“Nzamubikira imbabazi zanjye iteka ryose. Isezerano ryanjye rizakomera kuri we.” Zaburi 89:29. {AA 526.7}

“Azaca imanza zirengera abanyamubabaro bo mu bantu,

Azakiza abana b’abakene,

Kandi azavunagura umunyagahato.

Bazakubaha ibihe byose,

Izuba n’ukwezi bikiriho. . .

Mu minsi ye abakiranutsi bazashisha,

Kandi hazabaho amahoro menshi,

Kugeza aho ukwezi kuzashirira.

Azatwara ahereye ku Nyanja ageze ku yindi Nyanja,

Kandi ahereye kuri rwa ruzi ageze ku mpera y’isi.”

“Izina rye rizahoraho iteka ryose,

Izina rye rizahamaho, izuba rikiriho,

Abantu bazisabira umugisha wo guhwana nawe,

Amahanga yose azamwita umunyehirwe.” {AA 526.8}

Zaburi 72:4-8, 17.

{AA 526}

“Nuko umwana yatuvukiye duhawe umwana w’umuhungu, ubutware buzaba ku bitugu bye. Azitwa Igitangaza, umujyanama, Imana ikomeye, Data wa twese Uhoraho, Umwami w’amahoro.” “Azaba mukuru, azitwa Umwana w’Isumbabyose kandi Umwami Imana izamuha intebe y’ubwami ya sekuruza Dawidi, azima mu nzu ya Yakobo iteka ryose, ubwami bwe ntibuzashira.” Yesaya 9:6; Luka 1:32,33. {AA 527.1}